

IVUGABUTUMWA

ELLEN G. WHITE



IVUGABUTUMWA

ELLEN G. WHITE



Izina ry'Igitabo: Ivugabutumwa
Abatunganyije Igitabo: Editorial Safeliz, S.L.
Copyright: Rwanda Union Mission of SDAs

Produced by Editorial Safeliz for the Rwanda Union Mission of SDAs
Editorial Safeliz, S.L.
Pradillo 6, Pol Ind La Mina
27880 Colmenar Viejo, Madrid, Spain
www.safeliz.com · adm@safeliz.com

Igitabo cy'Umwimerere cyanditswe mu Rurimi
rw'Icyongereza cyitwa "*Evangelism*", Gicapirwa mu Nzu y'Icapiro
ya "Review and Herald Publishing Association"
Washington, D.C.
1946

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda n'Itorero ry'Abadiventisiti
b'umunsi wa Karindwi mu Rwanda
© 2018

Aprili 2019: Ingeri ya 1

ISBN: 978-84-7208-690-6

PRINTED IN THE EU
IMP11

Birabujijwe gukoporora, gucapa no kwigana iki gitabo cyose cyangwa igice cyacyo (yaba amagambo, amashusho cyangwa imiterere yacyo), waba ukoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba ubusanze cyangwa ubw'ikoranabuhanga utabihereye uburenganzira bwanditswe na nyiracyo.

IBIRIMO

| | |
|--|----|
| IRIBURIRO | 11 |
| IGICE CYA 1. IMBOGAMIZI KU MURIMO W'IVUGABUTUMWA | 15 |
| Kwamamaza ubutumwa..... | 15 |
| Ububasha bw'ubutumwa bwiza buhora bwagura umurimo..... | 18 |
| Ababwirizabutumwa barakenewe..... | 20 |
| IGICE CYA 2. UBUTUMWA KU BATUYE MU MIJYI MININI..... | 25 |
| Isi igeze ku mwobo w'urupfu | 25 |
| Ingorane ziriyongera | 29 |
| Impuruza ku murimo wihutirwa..... | 31 |
| Amahirwe adasanzwe mu murimo w'ivugabutumwa | 33 |
| Kugenzura neza ibikenewe mu murimo ukorerwa mu mijyi minini | 34 |
| Ibibazo byihariye by'ivugabutumwa ryo mu mijyi minini..... | 35 |
| Isezerano ry'umusaruro utubutse..... | 39 |
| IGICE CYA 3. KUBWIRIZA UBUTUMWA MU MIDUGUDU MITO NO MU BYARO | 41 |
| Mu nzira z'ibihogere no mu tuyira duto..... | 41 |
| Abakozi bo mu cyaro | 43 |
| IGICE CYA 4. GUTEGURA IVUGABUTUMWA AMAVUNA..... | 47 |
| Kwigana umubwirizabutumwa mukuru..... | 47 |
| Gahunda yo kwagura umurimo w'ivugabutumwa..... | 52 |
| Kujya mbere mu byo kwizera..... | 53 |
| Ibwirizabutumwa ryo ku rwego rwo hejuru | 57 |
| Umuwugabutumwa n'itsinda ry'abantu bakorana..... | 60 |
| Akamaro ko gukora muri babiri..... | 62 |
| Ahabera amavuna..... | 64 |
| Imidugudu yo mu byaro | 65 |
| Gutegura amateraniryo mu byiciro no mu nkengero z'umujyi..... | 67 |
| Gutegura umurimo uzahoraho..... | 68 |

IVUGABUTUMWA

| | |
|--|-----|
| Amafaranga n'ingengo y'imari..... | 72 |
| Gucunga umutungo w'amateraniro y'ivugabutumwa..... | 76 |
| IGICE CYA 5. GUTEGURA AMATERANIRO Y'IVUGABUTUMWA..... | 79 |
| Uburyo n'itegurire | 79 |
| Itsinda ry'abakozi mu murimo w'ibwirizabutumwa..... | 81 |
| Akamaro k'ubujyanama bugendana no gusenga..... | 82 |
| Ubumwe mu mpano zitandukanye | 83 |
| Kwemera uburyo bw'umuntu burenze bumwe..... | 86 |
| Ishuri ry'amahugurwa rya misiyoni yo mu muji..... | 90 |
| Kuvugurura no guhanga itorero ku bw'umurimo..... | 92 |
| Isano iri hagati y'umuvugabutumwa n'umupasitoro..... | 96 |
| Kwirinda kuremereza ubuyobozi..... | 96 |
| IGICE CYA 6. AMAVUNA..... | 99 |
| Ubutumwa bwagenewe twe abo muri iki gihe..... | 99 |
| Gukurura intekerezo z'abantu..... | 101 |
| Uburyo bwo kwamamaza butanga umusaruro kandi bukanyura abantu..... | 104 |
| Umubwirizabutumwa mu iyamamaza..... | 106 |
| Kwirinda kwigaragaza no kwigira ikirangirire | 112 |
| Kurinda uburyo bw'imikorere buboneye | 114 |
| Imyitwarire ku ruhimbi, amatangazo n'imyiteguro ibanza..... | 118 |
| Ibyatuma abantu bagira ubwuzu bwo kumenya ukuri | 120 |
| Amateraniro yo gusiganuza no kubaza ibibazo | 123 |
| Kumenyana n'abantu | 126 |
| Ibitabo n'ibibwirizwa bicapwe..... | 128 |
| Ikiganiro mpaka..... | 131 |
| IGICE CYA 7. UBUTUMWA N'UBURYO BUBWIRIZWA | 135 |
| Umwuka ubutumwa bubwirizanywa n'uburyo bikorwa | 135 |
| Ikibwirizwa cyamamaza ubutumwa bwiza..... | 140 |
| Kristo ni we zingiro ry'ubutumwa..... | 147 |
| Ibibwirizwa by'ubuhanuzi bifata intekerezo z'abantu..... | 154 |
| Kutavuga ukuri kose ariko ntutere urujijo | 158 |
| Imfashanyigisho zigisha abantu ukuri | 160 |
| Udutekerezo, inkuru, amashyengo n'urwenya..... | 163 |
| Ibipimo bipfuye n'ingero zashyizweho n'abantu..... | 167 |
| IGICE CYA 8. KUBWIRIZA ABANTU UKURI KWIHARIYE..... | 171 |
| Guteguriza abantu kugaruka kwa Yesu..... | 171 |
| Ukuri kwerekeye ubuturo bwera | 174 |
| Kwigisha amategeko n'Isabato..... | 177 |
| Guhangana n'ibibazo byerekeye kuruhuka Isabato..... | 185 |
| Kubwiriza ibyerekeye kudapfa k'ubugingo..... | 191 |

| | |
|---|------------|
| Ubutumwa bwerekeye ubusonga bwa Gikristo | 194 |
| Kwigisha ibikubiye mu bitabo by'umwuka w'ubuhanuzi | 198 |
| Kwigisha amahame ngenderwaho yerekeye ubuzima n'imibereho ya Gikristo | 202 |
| Imihango..... | 211 |
| IGICE CYA 9. GUTERA ABANTU KWITANGA | 217 |
| Kubwiriza uganisha ku kwitanga..... | 217 |
| Irarika no guhamagara abitanga uri ku ruhimbi..... | 220 |
| Kuyobora abantu ku guhinduka | 222 |
| Guhuriza hamwe abafite ubwuzu bwo kwihana..... | 227 |
| Uburyo bwo gufasha abantu kumasha bagafata icyemezo..... | 229 |
| Guhura n'urwikekwe n'abarwanya ukuri..... | 233 |
| Umubatizo no kubarirwa mu itorero..... | 237 |
| Gusoza umurimo neza..... | 247 |
| Igihe ivuna rimara n'uburyo risozwa | 251 |
| Guhamba umusaruro mwiza uvuye mu materaniro | 253 |
| IGICE CYA 10. GUKOMEZA ABIHANNYE BASHYA NO KUBAKURIKIRANA..... | 259 |
| Uburyo bwo gukurikirana abitanze | 259 |
| Gufasha abizera bashya kwisanga mu bagize itorero..... | 264 |
| Ibwirizabutumwa rikorwa n'umupasitoro..... | 267 |
| Inshingano y'umukorerabushake ku bihannye vuba | 271 |
| Gufasha abizera bashya kugira abo bazana kuri Yesu..... | 273 |
| Kurinda abizera bashya inyigisho zipfuye no kuba abaka..... | 276 |
| Kugarura abasubiye inyuma..... | 283 |
| Kongerera kubatizwa | 286 |
| Kubaka insengero | 289 |
| Ahantu hashyashya hataragera ubutumwa..... | 293 |
| IGICE CYA 11. UMURIMO MU MIJYI MININI YO MURI AMERIKA..... | 297 |
| New York..... | 297 |
| Boston na New England | 301 |
| Imijyi y'iburasirazuba no mu majyepfo..... | 305 |
| Imijyi yo muri yo muri Leta zo hagati | 310 |
| Imijyi y'iburengerazuba | 311 |
| IGICE CYA 12. GUSAKAZA UBUTUMWA MU YINDI MIGABANE Y'ISI | 315 |
| Kuvuga ubutumwa mu Burayi | 315 |
| Ubwongereza n'imijyi yabwo | 320 |
| Imijyi y'Uburayi bw'amajyaruguru | 323 |
| Mu Burayi bw'amajyepfo | 326 |
| Gukora mu mijyi yo mu birwa byo mu burengerazuba bw'amajyepfo ya Pasifika | 328 |
| IGICE CYA 13. UMURIMO W'UMUNTU KU GITI CYE..... | 331 |
| Umurimo w'umuntu ku giti cye urakenewe | 331 |

| | |
|--|------------|
| Gusura urugo ku rundi | 333 |
| Kuzana imiryango ku Mukiza | 336 |
| Gusura abantu mu rwego rw'ivugabutumwa | 338 |
| Abapasitoro bigisha gusoma Bibiliya | 339 |
| Kwiga uburyo bwo gusura abantu mu ngo | 341 |
| Gusenya urwikekwe | 343 |
| Gukorera abageze mu zabukuru | 344 |
| Ubunararibonye n'uburyo Ellen G. White yakoresheje | 345 |
| IGICE CYA 14. UMWIGISHA WA BIBILIYA | 353 |
| Umugambi ni ukwigisha Bibiliya | 353 |
| Abakozi babwiriza urugo ku rundi n'abajyanama b'abanyabwenge | 355 |
| Gushakashaka inzimizi | 357 |
| Abagore mu murimo w'ivugabutumwa | 359 |
| Abagabo n'abagore bahamagariwe umurimo wo kwigisha Bibiliya | 362 |
| Umntu usura abandi abwiriza ubutumwa bwiza | 363 |
| Abagore mu kubwiriza ubutumwa mu ruhame | 364 |
| Amahugurwa n'ibiyabanziriza | 366 |
| Ibyo abigisha ba Bibiliya bagomba kuba bujuje | 368 |
| Uburyo bwo kwigisha Bibiliya | 371 |
| Inyigisho dukura ku mwigisha mukuru | 375 |
| Umusaruro uva mu murimo wo kwigisha Bibiliya | 377 |
| Ibihembo bikwiriye abagore bakora umurimo w'Imana | 378 |
| Imiburo yahawe umwigisha wa Bibiliya | 380 |
| IGICE CYA 15. KUBWIRIZA UBUTUMWA MU NDIRIMBO | 383 |
| Umurimo w'indirimbo | 383 |
| Umuzika mu ibwirizabutumwa | 386 |
| Umubwirizabutumwa w'umuririmbyi | 389 |
| Ibyo gushimangira mu ndirimbo zo mu iteraniro rusange | 391 |
| Abakora umwuga wo gucuranga no kuririmba | 392 |
| Inama zikwiriye ab'iki gihe | 394 |
| IGICE CYA 16. IVUGABUTUMWA RISHINGIYE KU BUVUZI | 397 |
| Irembo ry'umurimo w'ivugabutumwa | 397 |
| Umugambi nyakuri w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi | 399 |
| Isano ubuvuzi bufitanye n'umurimo w'ibwirizabutumwa | 401 |
| Uburyo bw'imyigishirize bworoshye | 405 |
| Ubutumwa burwanya itabi kandi bushimangira kwirinda | 409 |
| Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi mu mijyi | 411 |
| Ivugabutumwa mu bigo | 414 |
| Umuganga wejejwe n'umuforomo w'umuvugabutumwa | 420 |
| Imiburo itari imwe | 422 |

| | |
|--|------------|
| IGICE CYA 17. GUKORERA ABANTU BO MU NZEGO ZIHARIYE..... | 427 |
| Gukorera abantu b'ingeri zose | 427 |
| Kugera ku bantu bafite amikoro kandi bubashywe | 429 |
| Abagabura b'ayandi madini | 434 |
| Kubwiriza ubutumwa abari mu rwego ruciriritse | 436 |
| Gukorera ikiremnamuntu cyacumuye | 438 |
| Umunyamahanga muri twe..... | 439 |
| Kubwiriza ubutumwa Abagatulika | 443 |
| Umusaruro mwinshi uvuye mu Bayuda | 446 |
| Ibwirizabutumwa ku bana | 447 |
| Abatuye mu midugudu y'ubukerarugendo | 451 |
| Iteraniro ribera ku mihanda..... | 452 |
| IGICE CYA 18. UKO WAKWITWARA IMBERE Y'INYIGISHO ZISHINGIYE KU BUHANGA BUPFUYE, IMISENGERE ITANDUKANYE, IMYEMERERE ITARI IMWE N'AMASHYIRAHAMWE AKORERA MU IBANGA | 455 |
| Satani yuririra ku nyigisho z'ibinyoma | 455 |
| Ibitangaza si byo gipimo | 459 |
| Kwezwa n'ubutungane by'ikinyoma | 460 |
| Inyigisho zivuga ko Imana iba mu kiremwa cyose n'izivuga ibyo gukorana n'imyuka y'abadayimoni | 463 |
| Amoko atandukanye y'inyigisho zo gukorana n'imyuka y'abadayimoni | 465 |
| Ubwaka n'ubuhezanguni | 471 |
| Kuvuga Imana uko itari | 473 |
| Amashyirahamwe akora mu ibanga..... | 476 |
| Kurwanya inyigisho z'ibinyoma..... | 480 |
| IGICE CYA 19. UMUKOZI N'IBYO AGOMBA KUBA YUJUJE..... | 485 |
| Imiterere y'umurimo w'ibwirizabutumwa | 485 |
| Impano y'umuco n'ubugiraneza | 491 |
| Kwita ku murimo..... | 497 |
| Kwibanda ku murimo w'ingenzi..... | 506 |
| Ubuzima n'amahame yabwo..... | 507 |
| Ijwi ry'umukozi ubwiriza ubutumwa bwiza..... | 513 |
| Uko umubwirizabutumwa akwiriye kuba agaragara | 517 |
| Umugore ufite umugabo w'umubwirizabutumwa | 519 |
| Gukomera ku rwego ruhanitse rw'imico mbonera..... | 522 |
| Igihe cyo kwimenyereza umurimo..... | 525 |
| Guhamagara no kwimura umubwirizabutumwa | 529 |
| IGICE CYA 20. UBUTUMWA BUZATSINDA | 533 |
| Ubwo ijwi rirenga rizavuga | 533 |
| Impamvu ituma Kristo atinda kugaruka | 534 |

IVUGABUTUMWA

| | |
|--|-----|
| Imbaraga zo kurangiza umurimo | 536 |
| Amahirwe dufite muri iki gihe | 540 |
| Intsinzi irihutira cyane kugera ku musozo..... | 543 |

IRIBURIRO

Ivugabutumwa, ari ryo mutima n'ishingiro ry'Ubukristo, ni insanganyamatsiko y'ingirakamaro ku bantu bahamagariwe kwamamaza ubutumwa bw'Imana bwo kuburira isi yagushije ishyano. Turi mu bihe biheruka, ni cyo gituma ubutumwa bw'imbuze bwagenewe guhwitirira abantu kwitegura kugaruka k'Umwami wacu bukwiriye kuvugwa n'ijwi rirangurura, rikagera kure cyane mu mpande zose z'isi.

Kuva mu itangira ry'umurimo w'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, amabwiriza y'Umwuka w'Ubuhanuzi yibandaga ku mahame n'ibikorwa bigamije gukiza imitima byashyizweho ngo biyobore abantu ku rugamba rwo kwagura umurimo w'ivugabutumwa. Ibyiciro bigize umurimo w'ivugabutumwa byasobanuwe mu bitabo hafi ya byose bya Ellen G. White. Mu myaka myinshi yashize, ibinyamakuru byagize uruhare runini mu kwihutisha umurimo w'ivugabutumwa. Muri byo twavugaga: *Urwibutso n'Integuza, Ibimenyetso by'Ibihe* n'ibindi binyamakuru ndetse n'inyandiko zavuyemugitabocytwa *'Intumway'Imana'*. Ababwirizabutumwa ku giti cyabo bagiriwe ubuntu kuko buri gihe na bo bahabwaga amabwiriza abereka uburyo nyakuri bagombaga gukurikiza mu murimo bahamagariwe. Mu bihe runaka habaga ubwo Ellen G. White yajyaga aganira n'amatsinda y'ababwirizabutumwa n'abayobozi mu nzego zitandukanye. Ibiganirwa bagiranaga byabaga byuzuyemo inama zo kubagorora no kububakamo ibyiringiro.

Ariko inkuru zasohokaga mu binyamakuru bitandukanye mu bihe runaka, ubuhamya bw'ingenzi, inama bwite n'ibiganirwa mbwirwaruhame, ibyo byose ntibicyandikwa muri iki gihe. Mu rwego rwo kuziba icyo cyaho no gushyira ahagaragara muri iki gihe amabwiriza agenga imbaraga y'ivugabutumwa ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi, byabaye ngombwa ko handikwa iki gitabo gikubiyemo inama z'ingenzi kandi zumvikana zigizwe n'ingingo zatoranyijwe zerekeye gusa ku nsanganyamatsiko y'ivugabutumwa.

Iki gitabo ntigitanga gusa amahame ngenderwaho yashyizweho yo gufasha no gutera ubwuzu mu murimo w'umuvugabutumwa n'umwigisha wa Bibiliya, ahubwo kinagaragaza ubutunzi bukomaye bukubiye mu nama z'ingenzi zerekeye ukuntu ayo mahame y'ukuri agomba gukurikizwa. Nk'ikusanyirizo

ry'amabwiriza Umwami wacu yagiye atanga mu myaka yose yagiye ihita, iki ni igitabo kibereye guhora iruhande rw'umubwirizabutumwa wese muri iyi nkubiri yo kwamamaza ubutumwa bwiza bwo kugaruka k'Umwami wacu.

Kubwo gukusanyiriza hamwe inyandiko zavuye ahantu hatandukanye, hari amabwiriza cyangwa inama zimwe na zimwe usanga zarakusanyijwe incuro nyinshi. Mu rwego rwo gufasha abasomyi ngo batagira ikibazo cyo kubona inkuru cyangwa amabwiriza asubiwemo, twakoze ibishoboka byose kugira ngo inyandiko zose zishyirwe kuri gahunda, maze ibika bifatanywe isano, ni ukuvuga ibihurira ku nsanganyamatsiko imwe, bishyirwa hamwe. Hamwe na hamwe interuro zavuzwe kenshi twagiye tuzivanamo kandi aho byavanywe hakagaragazwa. Nubwo byaruhaniye, gutunganya iki gitabo byakoranywe ubushishozi buhagije kugira ngo hatangwe inama nyazo kandi zifite ireme.

Hakozwe umurimo utoroshye kugira ngo ibice bigize iki gitabo bibe birimo amakuru ahagije kandi yuzuye. Muri uko guharanira gushyira amakuru ku murongo, ntihabuze kuba aho byabaye ngombwa ko amahame yavuzwe yongera gusubirwamo. Kugira ngo byorohere umusomyi kumenya aho ubutumwa bwaturutse, abateguye iki gitabo bashyizeho inkomoko y'umwimerere ushobora kureberamo ubwo butumwa. Ku iherezo ry'ubutumwa handitseho inkomoko yabwo cyangwa se igitabo bwaturutsemo, mu rwego rwo gufasha umusomyi hashyizweho n'igihe byandikiwe cyangwa se igihe byasohokeye mu icapiro.

Iyo mu nyandiko hashyizweho igihe inama yatangiwe bifasha umusomyi kumenya uburyo yayikurikiza kubera ko umurimo dukora ukunze guhinduka bitewe n'ibihe turimo. Nubwo bitashoboka gukurikiza inama zatanze mu gihe cyashize, ntuzikurikize uko zakabaye, haba harimo ukuri nyako n'inama dushobora gukurikiza, tugakoresha uburyo bwakoreshejwe, tukabusanisha n'igihe tugezemo, maze bukatubera ingirakamaro. Ntabwo amahame yigera ahinduka, ahubwo bayashyiraho ubugororangingo, bakayasanisha n'ibihe abantu baba bagezemo. Mu ngingo zikurikiyeho turerekana ibintu bifatika bigaragaza ko ibyo tuvuga bifite ishingiro.

Umusomyi azahura kenshi n'amakuru yerekeye iteraniro rikuru n'inama zitangwa zerekeye uko riyoborwa. Mu Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, amateraniro makuru yakururaga abantu benshi batari Abadiventisiti mu myaka ya 1870, cyane ayo mu iherezo ry'icyumweru. Wasangaga kimwe cya kabiri cyabayajemo babaga ari abizera b'Abadiventisiti, naho ikindi kimwe cya kabiri kigizwe n'abatari Abadiventisiti. Mu myaka ya 1890, wasangaga ivugabutumwa ry'amateraniro makuru yaberaga mu nkengero z'imijyi minini ryaramaraga igihe cy'ibyumweru kuva kuri bibiri kugeza ku kwezi. Ayo materaniro yabaga ingirakamaro cyane kuko yakirizwagamo imitima myinshi. Hatangwaga amabwiriza akwiriye kugira ngo ayo materaniro azagende neza kandi hazaboneke umusaruro ushimishije. Amabwiriza yatangwaga hakurikijwe imyaka cyangwa ibihe babaga barimo.

Ariko ibihe byaje guhinduka; iteraniro rikuru ryahindutse ihuriro rihuriramo abizera b'itorero bakaba ari bo baryiganjemo by'umwihariko. Abenshi mu batari Abadiventisti bo bagakururwa muri iyo myaka ya mbere no kuza guteranira mu mahema no mu mazu mberabyombi. Uko byamera kose, amahame agenderwaho n'uburyo bwiza bukoreshwa kugira ngo iteraniro rikuru ryo kubwiriza ubutumwa rizagende neza aba ari ingenzi kandi akagira akamaro ko kugeza itorero ku musaruro w'ingenzi muri ibi bihe by'ivugabutumwa.

Amabwiriza ari muri iki gitabo yerekeye ahanini umurimo w'ivugabutumwa ukorwa n'abagabura hamwe n'abigisha ba Bibiliya. Inama nyinshi zerekeye ababwirizabutumwa b'abakorerabushake tuzisanga mu bindi bitabo byanditswe na Ellen G. White, kimwe n'izindi nama zerekeye ibitabo birebana n'ibwirizabutumwa. Ntabwo byose byavuzweho muri iki gitabo bitewe n'uko umwanya ari muto, ntibyabona aho bikwirwa. Ni kimwe n'izindi nyandiko cyangwase ubutumwa bwerekeye ibwirizabutumwa mu rwego rw'ubuvuzi. Ubwo butumwa bwanditswe mu buryo burambuye kandi bwiza mu bindi bitabo nka "Rengera Ubuzima." (Ministry of Healing), "Umurimo w'Ubuvuzi (Medical Ministry), Inama ku Buzima (Counsels on Health). Byavuzwe mu ngingo ngufi bitewe n'uko bikubiye mu butumwa buzabwirwa abantu muri rusange. Hagombaga kuvugwa byinshi byerekeye akamaro n'indangagaciro z'umubwirizabutumwa ariko twarabyirinzwe havugwa bike byerekeye umurimo we w'ingenzi.

Iki gitabo tucyohereje mu murimo twiringira ko inama zirimo zizatuma uburyo bwari busanzwe bukoreshwa mu murimo w'ivugabutumwa buzarusheho kuba bwiza. Turizera tudashidikanya ko inama zikubiye muri iki gitabo zifite ubushobozi bwo kubaka umurimo zahujwe n'igihe tugezemo, zatanganywe kandi zitunganywa mu bushishozi, zirimo ubutumwa bwuzuye imbaraga zituma abakurikiza izo nama batsinda urugamba. Izo ndangagaciro zose ni zo zubatse igenamikorere ngenderwaho izatuma ivugabutumwa ritera imbere, rikagera ku rwego ruhanitse maze rikarangurura ijwi, rikumvikana ku isi yose, risohozu ubuhanuzi bwa marayika wa gatatu.

ABASHINZWE GUSOHORA NO KURINDA
INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE

IGICE CYA 1

IMBOGAMIZI KU

MURIMO

W'IVUGABUTUMWA

KWAMAMAZA UBUTUMWA

Inshingano Yatanzwe na Kristo yo Kwigisha. Amagambo aheruka Kristo yabwiye abigishwa be agira ati: “Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y’isi.” “Nuko mugende mwigishe abantu bo mu mahanga yose” (Matayo 28:20). Nimujyane ubutumwa ku migabane yose y’isi ituwe kandi muzirikane ko aho muzajya hose, nzaba ndi kumwe namwe...

Iyo nshingano Kristo yahaye abigishwa be, natwe yarayiduhaye. Turasabwa ngo tugende nk’intumwa za Kristo, twigishe, tubwirize, twemeze abagabo n’abagore ubutumwa bwiza, tubashishikarize kwakira Ijambo ry’Imana ritanga ubugingo. Kandi ntidukwiriye kugira ubwoba kuko natwe dufite ubwishingizi twahawe n’Umukiza wacu. Ingorane zose dushobora guhura na zo n’ibigeragezo byose bigambiriye kudukoma mu nkokora, dukwiriye guhangana na byo kandi tukabitsinda, kuko isezerano ryiza kandi ridahinduka Kristo yahaye intumwa ze natwe ni iryacu, turarihorana. Aratubwira ati, “Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y’isi.”¹

Ubutumwa Bufite Imbaraga Ibeshaho. Muri iyi nshingano, Kristo ntiyabagaragarije umurimo wabo gusa, ahubwo yanabahaye ubutumwa. Yarababwirye ati, “Mwigishe abantu kwitondera ibyo nababwirye byose” (Matayo 28:19). Abigishwa bagombaga kwigisha ibyo Kristo yari yarabigishije. Si ibyo yari yarivugiye ubwe gusa, ahubwo n’ibyo yanyujije mu bahanuzi n’abigisha bo mu Isezerano rya Kera. Inyigisho z’umuntu ntizigomba kumvikana. Imigenzo, ibitekerezo, imyanzuro y’abantu ndetse n’amabwiriza y’itorero, ibyo byose nta mwanya bifite muri iyo nshingano. Nta mategeko yashyizweho n’ubuyobozi bw’idini yagombaga kongerwa muri iyo nshingano. Muri ibi byose nta cyo abagaragu ba Kristo bagombaga

¹ Manuscript p. 24, (1903).

kwigisha. "Amategeko n'Ibyahanuwe," hamwe no kubwira abantu amagambo ye n'ibikorwa bye ni bwo butunzi bwahawe abigishwa be ngo babushyire abatuye isi yose. ...

Ubutumwa bwiza ntibukwiriye kwigishwa nk'inyigisho idafite akamaro cyangwa itari nzima, ahubwo bukwiriye kuvuganwa imbaraga nzima ihindura ubugingo. Imana ishaka ko abakiriye ubuntu bwayo bahinduka abahamya bagaragaza imbaraga z'ubuntu bwayo.²

Itorero Ryagiriwe icyizere cyo Guhabwa Ubutumwa. Ubu turi mu bihe biheruka amateka y'iyi si. Abantu bakwiriye guhindishwa umushyitsi n'uko batitaye ku nshingano yo kumenya ukuri. Iherezo ry'iyi si riratwegereye. Kwita kuri ibi bigomba gutuma twese duharanira kwitanga muri byose n'uko turi kose tukiye gurira Imana yacu.

Ni twebw twahawe inshingano iremereye cyane yo kuburira isi ngo imenye ko turi mu bihe by'imperuka kandi ko hari akaga kagiye kugera kuri iyi si. Ubu hari impuruza zituruka hirya no hino, haba kure cyangwa bugufi, turatabazwa ngo tubafashe. Itorero ryerejwe gukora umurimo w'ibwirizabutumwa, kandi uwo murimo nta wundi, ni ukujyana ubutumwa bwiza ku batarabumenya, tubararika tuti: "Nimuze mu birori byo kwishimira ubutumwa bwiza; ibyokurya byarateguwe, nimuze dusangire.... Amakamba atangirika arateguwe, tugomba kuyambara. Dukwiriye guharanira kuzinjira mu bwami bw'ijuru. Isi yacu igiye kurimbuka izira icyaha; ni twebw tugomba kuyimurikishiriza umucyo twahawe. Ubu ni igihe cyo gushakashaka ibuye ry'igiciro ryazimiye kugeza ubwo turibona. Ni igihe cyo gushaka intama yazimiye maze tukayigarura mu mukumbi. Mbese ni nde witeguye gufatanya n'abandi gushakashaka intama zazimiye? Ni bande biteguye gutwara umucyo ngo bamurikire abantu barindagirira mu mwijima w'icyaha?"³

Akaga Katwugarije. Ubu ni igihe dukwiye kwiyumvamo ko dufite inshingano yo gukora dushyizeho umwete kandi dukorana umurava kugira ngo tugeze ku bandi ukuri nyako Imana yageneye ibi bihe turimo. Ntabwo dushobora gukorana umurava cyane niba tutemera gufatanya n'Umukoresha wacu. ...

Ubu ni igihe cyo kwamamaza ubutumwa buheruka bw'imbuhi. Iyo tuvuga ukuri nyako kwagenewe ab'iki gihe, twumva harimo imbaraga idasanzwe. Ariko se bizageza ryari? Hasigaye igihe gito cyane. Niba harigeze kubaho igihe cy'akaga gateye ubwoba, ni iki gihe turimo!

Ubu ni igihe abantu bose bariho bahitamo inzira ibaganisha ku iherezo ryiza cyangwa se iribi. Abantu bakeneye gushishikarizwa gukoresha igihe cyabo neza bakamenya ko ubu ari cyo gihe cy'amahitamo, kuko twegereje umunsi igihe cy'imbabazi kizarangirira. Ubu ni igihe cyo kwiyezeza gukoresha imbaraga tutajenjetse kugira ngo tuyane ubutumwa bw'imbuhi

² Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 562.

³ Review and Herald, July 23, 1895.

ku bantu. Marayika wa gatatu akwiriye kuja imbere afite imbaraga zidasanzwe.⁴

Ibwirizabutumwa ni wo Murimo wacu Nyakuri. Umurimo wo kubwiriza ubutumwa ugenewe kubumburira abandi Ibyanditswe Byera, kuburira abagabo n'abagore bakamenya iby'akaga kagiye koreka iyi si. Uwo murimo ni wo abakozi b'Imana bakwiriye guha igihe gihagije kurenza ibindi bakora.⁵

Kwihutana Ubutumwa. Twebwe nk'abana b'abantu dukeneye cyane kwicisha bugufi mu mitima, tugatakambira Imana ngo itubabarire gukerensa uko ari ko kose twaba twaragize, tukaba tutararangije inshingano yacu yo gushyira abandi ubutumwa bw'agakiza. Ahantu hake gusa ni ho twacucitse insengero tubwiririzamo ubutumwa bwiza, ariko hari imijyi minini tutaragezamo ubutumwa. Nimutyo duhaguruke nonaha, dukore umurimo twahamagariwe maze twamamaze ubutumwa bwo gushishikariza abagabo n'abagore ngo batekereze ku kaga kabugarije. Iyaba buri mwizera w'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi yakoraga umurimo ashinzwe nk'uko bikwiriye, umubare w'abizera uba ari munini kurenza uko biri muri iki gihe.⁶

Turahamagarirwa Gukorana Umurava. Iyaba abagabura bazirikanaga ko bidatinze abatuye isi bose bazahagarara imbere y'intebe y'Imana bacirwa urubanza, bagasabwa gusubiza ibyerekeye imbuto babibye mu mubiri, mbega ukuntu barushaho gukorana umwete n'umurava bagakorana n'Imana umurimo maze abatuye isi bakamenya ukuri nyako! Mbega ukuntu bahirimbanira gushishikariza abantu kwemera ukuri nyako! Mbega ukuntu bajya bakora ubudacogora, bateza umurimo w'Imana imbere, bamamaza ubutumwa bwayo mu magambo no mu bikorwa! "Iherezo rya byose riri bugufi."⁷

Tugeze mu Rujijo rw'Iminsi ya Nyuma. Amagambo yavuzwe na Yesu Kristo aratubwira twebwe abariho muri iki gihe gisoza amateka y'isi. "Nuko ibyo nibitangira kubaho, muzarame, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora" (Luka 21:28). Amahanga ntahwema gusubiranamo. Turi mu bihe biruhije. Umuraba w'inyanja urakoza isi hirya no hino. Abantu bahagaritse imitima, bafite ubwoba bw'ibizabaho ku isi bitigeze kubaho. Ariko abizera Umwana w'Imana, nubwo bazaba bari muri uwo muraba, bazumva ijwi rye, rivuga riti: "Nimuhumure ni jyewe, mwitinye." Matayo 14:27. Turareba isi dutuye tugasanga yararohamye mu mwijima no mu buhakanyi. Kugomera amategeko y'Imana bisa n'aho byabaye icyorezo ku isi yose. Ahantu hose harumvikana urusaku rw'abantu bashengurwa n'igishyika batewe n'urujijo barimo. Tugomba rero kugira icyo dukora kugira ngo dutabare isi.⁸

⁴ *Testimonies*, vol. 6, p. 16. [Ibihamya bya Kristo]

⁵ *Review and Herald*, Aug. 2, 1906.

⁶ *Testimonies*, vol. 9, p. 25 (1909). [Ibihamya].

⁷ *Letter* 43, 1902.

⁸ *Manuscript* 44 (1990).

Nimutyo Dushinge Ibendera Ahantu Hacuze Umwijima. Ingabo za Satani ni nyinshi, kubera izo mpamvu, ubwoko bw'Imana bukwiriye gukwirakwiza ubutumwa ahantu hose, bagashinga ibendera ry'ukuri nyako ahantu hose hacuze umwijima, maze bakarwana inkundura kugeza ubwo basenya ingoma ya Satani.⁹

Umurimo w'Ikirenga kandi Ukomeye. Imana ishaka ko ubutumwa bw'imbuze buvugwa mu buryo budasanzwe kuko ari umurimo ukomeye kandi w'ikirenga, ugereranyije n'izindi nshingano twahawe. Ni ubutumwa bwagenewe iki gihe giheruka ngo bubwirwe abantu batuye isi yose.¹⁰

Dukwiriye Kwihutisha Umurimo. Muri iki gihugu turimo, ndetse no mu bindi bihugu, umurimo dufite wo kubwira abantu ukuri nyako ukeneye kwihutishwa mu buryo budasanzwe. Abizera nibaramuka bahagurutse bafite ukwizera, bagakora ibyo bashoboye byose, bagatangiza umurimo, bagakorana na Kristo, nta kabuza Imana izabatunganiriza inzira bazanyuramo. Nibaramuka bakoranye imbaraga zose bafite kugira ngo barase ku ntogo, bagatera imbere mu byo bakora kandi bakabikorana ukwizera, bakurikiza itegeko ry'Imana, bazagororerwa ingororano nyinshi. Bakwiriye gufata icyemezo, bagahagurukana ibakwe maze bakajyana ubutumwa aho bashoboye kugera hose, bakarangiza umurimo nk'uko Uwituka yabategutse. Bakwiriye kwihutisha umurimo, bagakorana umurava kandi bakagira ukwizera kudahungabanywa n'ikibonetse cyose ... Isi ikeneye kumva ubutumwa bw'imbuze.¹¹

UBUBASHA BW'UBUTUMWA BWIZA BUHORA BWAGURA UMURIMO

Ubutumwa Bwiza Bukwiriye Guhetura Isi. Ahantu hose umucyo w'ukuri nyako ugeze, uramurika kugira ngo imitima yasinziye ishobore gukanguka no guhinduka. Ubutumwa bwiza bukwiriye kubwirizwa mu bihugu byose no mu mijyi yose. ...

Hakwiriye guhangwa amatorero kandi hagategurwa igenamigambi maze abizera bo mu matorero ahanzwe vuba bakamenyerezwa kuyishyira mu bikorwa. Umurimo wo kubwiriza ubutumwa ukwiriye gukorwa hose, ukagera no mu bindi bihugu kugira ngo urusheho kwaguka, no kugera mu mpande zose z'uruzabibu. Dukwiriye kwagura uruziga kugeza ubwo umurimo uzahetura isi.¹²

Turahamagarirwa Kuja mu Turere Twose. Abantu bafite kwizera kandi bakoreshwa na Mwuka Muziranenge bakwiriye kubwiriza ubutumwa, bava mu mujyi bajya mu wundi, bava mu mudugudu bajya mu wundi, kandi bakabikora mu buryo bwimbitse atari ugutera waraza.

⁹ Letter 91, 1900.

¹⁰ *Testimonies*, vol. 6, p. 11. (1900). [Ibihamya].

¹¹ Manuscript 162, 1905.

¹² Letter 86, 1902.

Niba hariho igihe umurimo mwiza kandi ukoze neza wigeze gukenerwa, ni iki gihe turimo. Igihe ni iki twakigezemo, kandi ni igihe cy'ingenzi kurenza ibindi bihe. Muri iki gihe, igitabo kiriho kirabumburwa kugira ngo ubutumwa bw'Imana bugezwe ku batuye isi. Ukuri nyako gukubiye mu butumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu bukwiriye kugera ku mahanga yose, ku bo mufitanye isano bose, mu ndimi zose no ku moko yose. Gukwiriye kumurikira mu mwijima w'umubumbe wose w'isi kandi umucyo ugakwira hose, ukagera no mu birwa by'inyanja. ...

Nimureke hategurwe igenamikorere inoze, ku buryo kuyishyira mu bikorwa bizatanga umurasuro. Hakenewe imbaraga z'abantu babyiyemeje kugira ngo hatangizwe umurimo ahantu hashyashya mu Majyaruguru, mu Majyepfo, Iburasirazuba n'Iburengerazuba.... Kuba umurimo wo kumenyesha abantu ukuri nyako utarigeze witabwaho kuva kera, ntibikwiriye kuduca intege, ahubwo bikwiriye kurushaho gutera ishyaka ababwirizabutumwa n'abakozi basanzwe, bakihutira kujya aho hantu hashyashya, bakahatangiza umurimo kandi ntibarambirwe kugeza ubwo ubutumwa buzagera ku bantu bose.¹³

Ntidukwiriye Gukomwa mu Nkokora n'Urukuta cyangwa se Inzitizi. Ukuri kwirengagizwa n'abagusuzugura bakakwanga, kuzanesha. Nubwo habayeho ibihe byinshi ukuri kwasaga n'ugukomwa mu nkokora, kwamamara kwako ntikwigeze guhagarara. Iyo ubutumwa bw'Imana buhuye n'inzitizi, Imana ibwongerera imbaraga kugira ngo burushaho guhindura benshi. Nibumara kongerwamo imbaraga mvajuru, buzigira inzira mu nzitizi zikomeye maze butsinde inzitizi z'uburyo bwose.¹⁴

Twahamagariwe Umurimo Mugari. Umurimo w'ivugabutumwa ni umurimo mugari kandi ukorwa mu buryo buromboreje, budakebakeba. Ni umurimo uzamurikira ahantu hose, kandi umucyo wawo uzajya urushaho kumurika uko bukeye n'uko bwije.¹⁵

Ubutumwa Bwagura Umurimo mu Byerekezo Byose. Kuva kera kose ubutumwa bwari bufite imbaraga yo kwagura umurimo mu byerekezo byose kandi bukavuga ukuri nyako mu buryo bwimbitse. Bwafukuraga isoko ivubura imbaraga mu mitima y'abantu batabarika bigatuma umurimo wihuta. Izo mbaraga zatumye havuka ibigo bikorerwamo umurimo w'ibwirizabutumwa, Muri byo twavugaga: Ibigo by'amashuri, amazu y'icapiro n'amavuriro. Ibyo bigo byose ni ibikoresheho Imana yashyizeho ngo bifatanyirize hamwe gukora umurimo mugari wo kwamamaza ubutumwa bw'imbuze, bwa bundi bwagurukanywe n'abamarayika batatu, bagasanganya ijuru, baburira abatuye iyi si bose ngo bitegure kugaruka kwa Kristo, ugiye kugaruka afite imbaraga n'icyubahiro cy'ikirenga.¹⁶

¹³ *Manuscript*, 11, 1908.

¹⁴ *Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 367.

¹⁵ *Letter* 215b, (1899).

¹⁶ *Review and Herald*, Dec. 6, 1892.

Twahamagariwe Kuvuga Ubutumwa Ahantu Hashyashya. Dufite ubutumwa bwiza kandi bukomeye twahamagariwe kugeza ku batuye isi. Ariko ibihe byinshi ubutumwa bwabwirijwe abantu bari basanzwe bazi ukuri nyako kw'ijambo ry'Imana. Aho kugumya gutakaza igihe mubwiriza abantu bagize amahirwe, bakagira ibihe byinshi byo kumenya ukuri nyako, nimusange abantu batarigera bumva ubwo butumwa. Nimutegure amateraniro makuru mu mijyi itaragezwamo ubutumwa. Bamwe mu baturage baho bazaza mu materaniro maze bakire ubutumwa bwiza.¹⁷

Ahantu Hashya ni ho Heza. Ahantu hashya hatarigera hakorwa umurimo w'ibwirizabutumwa ni ho hizihye umurimo. Ukuri nyako twigisha gukwiriye kwigarurira ubushake bw'abantu batarigera bumva ubwo butumwa. Nibamara kumenya ububi bw'icyaha, bazacyihana rwose kandi babikuye ku mutima. Uwiteka yiteguye gukorera mu mitima idakunze kugira amahirwe yo kurarikirwa kumva ubutumwa, yiteguye gukorana n'imitima itaramenya uburemere bw'icyaha.¹⁸

Iyaba Kwamamaza Ukuri Bitaradebekewe. Mbere yanyje, ubutumwa bwabwirijwe ahantu henshi, ababwiriza bava mu mujyi baja mu wundi. Iyo baza gukora umurimo bashyizeho umwete kandi bakawukorana umurava, bakamenyesha abatuye iyo mijyi batarumva ubutumwa bw'imbuze, bakamenya ukuri nyako gukenewe muri iki gihe, ntibaba binangira imitima nk'uko bameze muri iki gihe. Nkurikije umucyo nahawe, muri iki gihe tuba dufite abantu benshi cyane bishimira ko bamenye ukuri nyako, iyaba umurimo warakozwe nk'uko bikwiriye kandi bakawukorana umwete uko bashoboye kose.¹⁹

ABABWIRIZABUTUMWA BARAKENEWE

Ibisarurwa ni Byinshi. Ubutumwa bwera kandi bukomeye bwo kuburira abantu bukwiriye kubwirizwa ahantu haruhije cyane kurenza ahandi, mu mijyi yasaye mu byaha n'ahantu ubutumwa butaragera. Buri muntu wese akwiriye kumva ijwi rimurarikira kuza gusangira n'abakiranutsi mu bukwe bw'umwana w'Imana....

Ibihugu bitari byabwirizwamo ubutumwa bw'ukuri nyako ubu byuguruye amarembo, bariho baratakamba ngo babagezeho Ijambo ry'Imana, kandi ngo barisobanukirwe. Abami n'ibikomangoma bakinguye amarembo yabo yahoraga akinzwe, barararika abamamaza iby'umusaraba wa Kristo ngo binjire mu ngoro no mu mazu yabo. Mu by'ukuri ibisarurwa ni byinshi. Imana yonyine ni yo izagaragaza umusaruro uzava mu mbaraga abantu bakoresha neza umurimo muri iki gihe.²⁰

Turi Intumwa za Kristo. Bagabura b'ijambo ry'Imana, mwe mufite imitima igurumana umurimo, yuzuye ubwuzu kubera urukundo mukunda

17 Letter 87 (1896).

18 Letter 106 (1903).

19 Letter 94a, (1909).

20 Gospel Worker, p. 27 (1915).

Kristo ndetse n'abo mufatanyije, nimuhagurukire gushishikariza abantu barembejwe n'ibicumuro n'ibyaha kwakira ubutumwa bwiza no kugendera mu kuri nyako. Nimureke gutakamba kwanyu n'imiburo yanyu bicengere mu mutimanama wabo. Nimureke amasengesho musenga ubudahwema ahindure imitima yabo maze bafate icyemezo, bapfukame imbere y'Umukiza wacu maze bihane ibyaha. Muhore mwibuka ko muri intumwa za Kristo, mwahamagariwe kwamamaza ubutumwa bw'agakiza.²¹

Ahasanzwe Umukozi Umwe Hakenewe Abandi Benshi. Igihe ni kigufi. Abakozi bo gukorera Kristo bakenewe ahanu hose. Hari hakwirye kuboneka abakozi ijana b'abanyamwete, bakorana umurava kandi b'abizerwa. Barakenewe ngo bakorere mu gihugu cyabo ndetse no mu bindi bihugu, ahari hasanzwe umukozi umwe gusa, hakeneye n'abandi benshi. Mu nzira y'igihogere no mu tuyira hari abagenzi bataramenya ubutumwa bwiza. Igihe kirageze ngo hategurwe vuba ingororano z'abemera kwitanga ngo bajye gukorera Shebuja umurimo wo kubwiriza ubutumwa.²²

Uburyo Bwiza bwo Gusaranganya Abakozi. Kugira ngo umurimo wo kuburira abantu ushobore kurangira neza mu mijyi, abashinzwe gushyiraho abakozi bakwiriye gutegura gahunda nziza yakurikizwa n'itsinda ry'abantu bafatanyaga uwo murimo. Akenshi abakozi bafasha muri gahunda y'amateraniro makuru baba bafite indi mirimo basanganywe itabakundira kubona akanya ko kubwiriza ubutumwa. Mu rwego rwo gukumira inzitizi ku murimo ukorerwa mu mijyi no mu midugudu itandukanye, ni byiza ko ababashinzwe bajya bareba abantu berejwe gukora uwo murimo ariko kandi bakaba barabihuguwemo. Ni ngombwa ko mu mijyi hoherezwa abantu bafite ubushobozi n'ubushizi bw'amanga, abantu bashobora guhagarara ku ruhimbwa, imbere y'inteko y'abantu bakiranirwa, bakababwira ubutumwa bwuzuye ukuri nyako ko mu Ijambo ry'Imana.²³

Impuruza y'Ikirenga. Ntabwo abantu bari bakwiriye gukerensa umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Nta murimo ukwiriye gukorwa ngo ukome mu nkokora umurimo wo kubwiriza Ijambo ry'Imana, ngo bitume uwo murimo uhabwa agaciro gake. Ntabwo bikwiriye. Abakerensa umurimo w'ibwirizabutumwa bakwiriye kumenya ko baba bakerensa Kristo. Niba hari umurimo ukomeye kurenza indi mirimo ni umurimo w'ibwirizabutumwa mu byiciro byawo byose. Iri hame rikwiriye kuvugirwa mu ruhamwe imbere y'urubyiruko, kugira ngo rumenye ko nta wundi murimo Imana yahaye umugisha kurenza umurimo wo kubwiriza ubutumwa bw'agakiza.

Dukwiriye kurwanya ikintu cyose cyatuma abasore bacu bacika intege, bakareka kwirundurira mu murimo w'Imana. Byaba ari akaga gakomeye hagize abasore batwarwa n'ibigusha bitera amabengeza, bakava mu nzira iberekeza aho Imana ishaka ko bayikorera umurimo. Bamwe muri bo

21 *Gospel Worker*, p. 35 (1915).

22 *Fundamentals of Christian Education* p. 488 (1903). [Amahamashyamba y'Uburezi bwa Gikristo]

23 *Review and Herald*, April 7, 1910

bamaze gushishikarizwa kwiga ishuri ry'ubuvuzi kugira ngo bitegure gukora umurimo w'ibwirizabutumwa.²⁴

Urubyiruko Rukwiriye Gusimbura Abari Batwaye Ibendera. Abantu bari batwaye ibendera baragenda bacika intege, bagiye kurifasha hasi. Kubera iyo mpamvu, urubyiruko rukwiriye kwitegura kubasimbura kugira ngo ubutumwa bwiza bukomeze kubwirizwa. Ubu urugamba rurakaze, kandi rukwiriye gukwira isi yose. Mwebwe mufite abasore n'inkumi mufite amaboko, nimubohereze, bajyane umucyo kumurikira ahantu hagicuze umwijima ku isi maze bararikire abantu kuva mu irimbukiro, bihane ibyaha.²⁵

Gutegura Abazakora Umurimo. Amashuri yacu yashyizweho n'Imana. Naramuka yigishije ukuri nyako akurikije umugambi watumye ashyirwaho, urubyiruko ruzayigiramo ruzunguka ubumenyi buzatuma bajya gukora imirimo itandukanye yerekeye ibwirizabutumwa. Bamwe bazigishwa gukora umurimo w'ubuvuzi mu rwego rw'abaforomo, abandi bazabwiriza ubutumwa bakoresha ibitabo, abandi nk'abavugabutumwa, abandi bakore umurimo w'ubwigisha naho abandi bazakora nk'abagabura b'ubutumwa bwiza.²⁶

Nimwigishe Urubyiruko Gukora Umurimo w'Ivugabutumwa. Uwiteka arahamagara abashinzwe amavuriro, amazu y'icapiro n'abashinzwe amashuri ngo bigishe urubyiruko gukora umurimo w'ivugabutumwa. Ntidukwiriye gukoresha imbaraga zacu cyane ngo tuzimarire mu kubaka amavuriro, ububiko bw'ibiribwa n'amazu yo kuriramo (resitora) ngo indi mirimo tuyidebekere. Abasore n'inkumi bazashyirwa mu murimo w'ubugabura, umurimo wo kwigisha Bibiliya n'umurimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo, ntibakwiriye gutozwa gusa imirimo y'ubukanishi.²⁷

Imana Irahamagara Urubyiruko Rufite Imbaraga. Abantu biteguye kuzafata iya mbere bakinjira mu murimo w'ibwirizabutumwa, biringira Imana, bagatinyuka gukora umurimo nta bwoba bafite, bari he? Imana irabahamagara igira iti "Mwana wanjye, ngwino uyu muni, unkorere mu ruzabibu." Matayo 21:28. Imana yiteguye kugira urubyiruko rwa none ububiko bw'ijuru bwatoranijwe bushyingurwamo ukuri kw'Ijambo ry'Imana kugira ngo bakumenyeshe abantu, bityo, babashe gufata icyemezo cyo kwibohora ingoyi y'ikinyoma n'inyigisho ziyobya. Ariko ibyo byashoboka ari uko bo ubwabo bamwiyeguriye, nta gahato. Ndasaba Imana ngo yikoreze umutwaro urubyiruko rufite imbaraga, rwabitse Ijambo ryayo mu mitima yabo kandi rwiteguye kuzageza ku bandi ukuri nyako bamenye.²⁸

Imana Ikeneye Abantu Batagamburura. Imana irahamagara abantu berejwe umurimo ngo bayikiranukire kandi bayinambeho. Irahamagara

²⁴ Testimonies, vol. 6, p. 411 (1900). [Ibihamya].

²⁵ Gospel Workers, p. 104 (1915).

²⁶ Letter 113, (1903).

²⁷ Review and Herald, May, 1912.

²⁸ Manuscript 134, (1898).

abantu bicisha bugufi bazajya babona igikenewe mu ibwirizabutumwa bakibwiriza, ntikibabere inzitizi ngo bagamburure, basubire inyuma, ahubwo bakarangiza inshingano ya buri muni bakiranuka, bakiyambaza Imana ngo ibibafashemo kandi ngo ibahe imbaraga zituma bakora umurimo wose wihutirwa. Ubu butumwa bukwiriye kujyanwa n'abantu bakunda Imana kandi bakayitinye. Wirinde kwikoreza umutwari ubuyobozi bwawe. Nk'umubwirizabutumwa, usabwe kujya mbere no kudasubira inyuma kandi wicisha bugufi, maze ukabwiriza ubutumwa ugira uti: "Ibyanditswe biravugaga bita."²⁹

²⁹ Letter 43 (1905).

IGICE CYA 2

UBUTUMWA KU BATUYE MU MIJYI MININI

ISI IGEZE KU MWOBO W'URUPFU

Miliyoni z'Abantu Batuye mu Mijyi Bagomba Guhitamo. Muri iki gihe, umwijima mu by'umwuka utwikiriye isi yose. Mu mijyi ituwe n'abantu benshi ho ntabwo ari umwijima usanzwe, ahubwo ni icuraburindi. Mu mijyi ni ho ababwirizabutumwa basanga abantu benshi batihana ibyaha kandi hakeneye ubutumwa kurenza mu cyaro....

Raporo zerekeye ubwicanyi n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bibera mu mijyi iteye ubwoba. Ibikorwa by'ubugome bikorwa n'abagizi ba nabi birenze urugero, kubyiyumvisha biraruhije. Imbere y'Imana, imijyi ya none ntaho itandukaniye na Sodomo. Ubugizi bwa nabi buriyongera cyane ku buryo bitoroheye ababwirizabutumwa kubagezaho ubutumwa bukiza bwa marayika wa gatatu, bwatuma bahindura imyumvire. Umwanzi w'imitima arakorana imbaraga kandi yafashe ingamba zo mu rwego rwo hejuru kugira ngo abashe kwigarurira no kugenzura ubwenge bw'abantu n'intekerezo zabo. Kubera izo mpamvu, abakozi b'Imana bahawe inshingano yo kuburira abantu no kubateguza ngo batazatungurwa n'umunsi w'urubanza, bakwiriye gukorana umwete kandi bakirinda kuzarira.

Ingorane abakozi ba Kristo bahura na zo mu mijyi ni zo turarikirwa kurwanya no gutsinda dukoresheje imbaraga zizira gucogora kugira ngo turengere abantu benshi cyane barindagirira mu mwijima w'isi yenda kurimbuka. Bidatinze abantu bazahatirwa gufata ibyemezo bikomeye, kubera iyo mpamvu, bakeneye kumva no gusobanukirwa n'ukuri nyako ko muri Bibiliya kugira ngo bahitemo neza guhagarara mu ruhande rw'ukuri. Muri iki gihe Imana irahamagara intumwa zayo ngo bagirane amasezerano y'iteka ryose kugira ngo baburire imijyi igihe cy'imbabazi kikiriho, igihe abantu batagira ingano bagikeneye kwakira ubutumwa bufite imbaraga ihindura kandi ishingiye ku kuri kw'Ijambo ry'Imana.³⁰

30 *Review and Herald*, April 7, 1910. [Urwibutso n'Integuza].

“Inzira Igana ku Irimbukiro.” Muri iki gihe Satani arakora ashishikaye mu mijyi yacu ituwe n’abantu benshi. Umurimo we ugaragarira mu rujijo ashyira mu bantu, mu makimbirane abateza, ubuhabane hagati y’umurimo n’umusaruro, tukawurebera kandi no mu bwumvikane buke bwashinze imizi mu matorero. Arasisibiranya ku buryo abantu batabona umwanya wo gutekereza ku byo bagiye gukora, nuko akabashorera buka, akabajyana mu maraha no mu bintu bibashimisha kandi bakagira umururumba wo kurya no kunywa. Abuzuza inyota yo kwishyira hejuru no kugaragaza ko bishoboye ubwabo. Ni ruto ni ruto, abatuye isi baragera ku rugero abo mu minsi ya Nowa bari bagezeho. Ibikorwa by’ubugome birakorwa hirya no hino. Iruba ry’umubiri, ubwibone butihishira, ubwikanyize bwahawe intebe, gukoresha ububasha nabi, ibikorwa bigayitse n’imbaraga ikoresheya kugira ngo abantu bibumbire mu mashyirahamwe no mu miryango, bityo bakibohera mu bipfunyika bazatwikirwamo n’umurimo ukongora wo ku munsu w’imperuka. Ibyo byose ni ibigaragaza imikorere y’ingabo za Satani. Iyo sibo y’ubugome n’ubusazi ni byo abantu bita ngo ni “ubuzima”.

Abantu bakora ibyo bishakiye, bakora nk’aho Imana itabaho, babaye imbata z’ubwikanyize. Vuba aha bagiye kurimbuka kandi nta n’umwe uzacika ku icumu. Abantu benshi nta cyo bitaho baridamarariye, bashimishwa no kwikunda kugeza ubwo bumva bahaze ubuzima bwabo, bagahitamo kwiyahura. Kubyina, kugira uruhare mu rusaku rw’abasinzi, kunywa ibisindisha no kunywa itabi, ni imyitwarire ituma abantu benshi bagira iruba rya kinyamaswa, bakagenda batazi iyo bajya nk’ikimasa bajyanye mu ibagiro. Satani arakoresha ubuhanga bwose n’ubupfumu/ubumago bwose kugira ngo akomeze kurindagize abantu, bakomeze kugenda buhumyi kugeza ubwo Umwami wacu azahaguruka ku ntebe ye, aje guhana abatuye isi kubera ibicumuro n’ibyaha byabo, icyo gihe isi izasenderamo amaraso kandi intumbi ntizizagira gihamba. Muri iki gihe isi yose isa nk’aho iri mu nzira igana ku irimbukiro.³¹

Igenamikorere Rigendeye ku Byifuzo. Muri iki gihe, abagabo n’abagore baba mu mijyi usanga barushaho kwihambira ku mirimo yabo. Barubaka inyubako ndende cyane, zifite iminara ikabakaba ku ijuru. Intekerezo zabo zuzuye gahunda y’ibikorwa n’imigambi y’ibyo bifuzaga kuzageraho.³²

Iyaba Imiburo y’Ijuru Yahabwaga Agaciro. Nategetswe kubwiriza abantu ubutumwa buvuga ko imijyi yashayishije ikaba yuzuye ibicumuro n’ibyaha izarimbura n’imitingito y’isi, umurimo ndetse n’imyuzure. Isi yose izabwirwa ubutumwa bw’imbuzi, izamenya ko hariho Imana yiteguye kugaragaza ubutware bwayo kugira ngo bamenye ko ari Imana nyamana. Ingabo zayo zitaboneshwa amaso ya kimuntu zizarimbura isi, ihinduke umuyonga kandi ibifite ubugingo byose bizapfa. Icyo gihe, ubutunzi bwose abantu birundanirije buzahinduka ubusa busa....

³¹ Manuscript 139, 1903.

³² Manuscript 154, 1902.

Muri icyo gihe hazabaho ibyago n'ibiza biteye ubwoba, kandi bizajya bisimbura mu buryo butitezwe. Abantu baramutse bazirikanye ubutumwa bw'imbuze Imana yaduhaye maze amatorero akiminjiramo agafu, agahindukira, akagaruka ku nshingano yiyemeje, imijyi yashobora kongererwa igihe cyo kwihana. Ariko abantu bigishijwe inyigisho z'ibinyoma nibakomeza kuguma muri iyo nzira, ntibahe agaciro amategako y'Imana, bagakomeza gukwirakwiza ibinyoma, Imana izemera ko bababazwa n'ibyago, kugira ngo basubize ubwenge ku gihe....

Uwiteka ntazaherako azibukira inkosi z'ibibi zose ngo zigerweho n'ibyago, cyangwa ngo arimbure amahanga yose, ahubwo azahana imijyi n'ahantu hose hatumye abantu batsindwa ku rugamba, bakishyira mu maboko y'ingabo za Satani. Ibyago bizibasira imijyi y'amahanga yose, ariko Imana ntizabigirizaho nkana kuko muri yo hazaba hari abaturage batangiye kwisubiraho, bakihana ibibi bakoraga. Ibyo bizatuma abantu benshi bahunoka umujinya udasanze uzasukwa ku isi, kuri wa muni w'uburakari bw'Uwiteka.³³

Ni igihe cyo Gukangura Abantu. Igihe nari i Loma Linda muri Kaliforniya, muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ku itariki ya 16 Mata 1906, neretswe ibintu bitangaje cyane. Mu iyerekwa nagize nijoro, narazamuwe mpagarara mu mpinga y'umusozi muremure, ngiye kubona, mbona amazu arahungabana, akozwa hirya no hino nk'urubingo ruzunguzwa n'umuyaga. Inyubako nini cyane ndetse n'intoya, zose zararindimutse, zikubita hasi. Amazu y'imyidagaduro, aharekanirwa ikinamico, amacumbi n'amazu y'abakungu yaratigise, mbona yikubise hasi, ahinduka ivu. Ibintu byose bifite ubugingo byakuwe aho byari biri maze isi yose icura imiborogo y'inkomere zimarwa n'ubwoba.

Abamarayika b'Imana bari boherejwe kurimbura isi bariho bakora umurimo wabazanye. Bakozeho rimwe gusa maze inyubako zubatswe mu buryo bukomere cyane, izo abantu barebaga bagasanga zidashobora guhangarwa n'ikigendereye kuzangiza cyose, mu kanya nk'ako guhumbya, iyo mitamenwa yari imaze guhinduka ibirundo by'imyanda. Nta hantu na hamwe hari hagifite ubwishingizi bwo kutagerwaho n'ako kaga. Numvaga ndafite ubwoba bwo kuba narimbuka mu buryo runaka kandi budasanze, ariko ibyo neretswe bikanyura imbere, nabuze amagambo ashobora kubisobanura neza. Byasaga nk'aho imbabazi z'Imana zari zarangiye n'umunsi w'urubanza wageze.

Marayika wari umpagaze iruhande ansobanurira ko ku isi hakiri abantu bake bagikomeje kwigomera ku Mana, ariko cyane cyane mu mijyi minini. Yambwiye ko Imana yateganyije igihe cyo kuzaza guteza ibyago abayicumuraho, ikaza ibarakariye kubera ko bakomeje kwirangira, bakica amategako yayo.

Ibintu neretswe byari biteye ubwoba ariko ibisobanuro nahawe byerekeye iryo yerekwa byaranshimishije cyane. Marayika wari umpagaze

33 Manuscript 35, 1906.

iruhande yatangaje ko Imana ari yo Mugenga wa byose, ifite ubutegetsu mu kuboko kwayo, no kwera kw'amategeko yayo kandi ko igomba gubihishurira abo bantu bose banga kugarurira Umwami w'abami icyubahiro kimukwiriye. Abantu bahitamo gukomeza kwinangira imitima, bakagomera Imana, dukwiriye kubegera, tubafitiye impuhwe, tukabasobanurira ibyerekeye isano iri hagati y'imbabazi z'Imana n'ubutabera bwayo, tubakangurira kwisubiraho ngo bihane kandi basobanukirwe n'ingaruka z'icyaha cyababase.³⁴

Iyere kwa Ryerekeye Ukurimbuka Gukomeye. Ku wa Gatandatu w'Isabato mu gitondo, mbere y'uko mbyuka, neretswe ibintu bitangaje. Nabaye nk'ubutse ariko ahandi hantu hatari iwacu. Nagiye kubona mbona umuriro mwinshi. Nabonye ibishashi by'umurimo binini bigwa ku mazu, maze kuri ibyo bishashi hashibukamo imyambi igurukana ibakwe yakwiriye imishwari. Nta muntu wari gushobora kubara ngo amenye umubare w'imiriro yakiye icyarimwe, icyo gihe mbona ahantu henshi hafashwe n'inkongi y'umuriro ugurumana, ibintu byose birakongoka. Abantu bamarwa n'ubwoba, utabasha gusobanurira abandi. Hashize akanya ndakanguka, mbona ndi iwanjye.³⁵

Imijyi Minini Izahanagurwa ku Isi. Ahantu hose hari abantu bakwiriye kwitangira ku jya ubutumwa bw'imbuzi ku bantu bazimiye. Umurimo wagomba kuba warakozwe kera ngo ugarure ubugingo bw'abantu kuri Kristo, ntiwakoze. Abaturage bo mu mijyi itubaha Imana igiye gusukwaho ibyago, ntibitaweho ahubwo batereranywe nk'abicanyi. Igihe cyo kurimbura imijyi igahanagurika ku isi kiri bugufi. None se ni nde witeguye kurangiza uyu murimo Imana yadutegetse, akawukora abikuye ku mutima we wose?....

Kugeza ubu, nta na kimwe cy'igihumbi cy'umurimo wagombaga gukorwa mu mijyi kirakorwa. Uwo murimo wagombaga gukorwa n'abagabo n'abagore. Buri muntu wese yari akwiriye kurangiza uruhare rwe kugira ngo iyo nshingano twahawe irangire vuba.³⁶

Irimbuka ry’Imijyi Itabarika. Ooh! Iyaba ubwoko bw’Imana bwari busobanukiwe yuko imijyi myinshi cyane igiye kurimbuka bidatinze, bitewe n’uko imyinshi muri yo yahindaniywe n’ubusambanyi.³⁷

Dukwiriye Kwihutisha Umurimo. Iyo ndebye ukuntu imijyi yo muri iki gihe iyoborwa n'imbaraga za Satani ku buryo bugaragarira umuntu wese, nibaza iki kibazo nti : “ Ibi bintu byifashe bitya bizagarukira he?” Ibikorwa by'ubugome biriyongera mu mijyi ubutitsa. Ubwicanyi n'ubugizi bwa nabi ni byo bigezweho, kandi bikorwa ahantu hose. Buri muni haduka uburyo bushya bw'ubusambanyi. Muri buri shyamba, intekerezo z'abantu zihanze amaso ibintu by'inze, bivumburwa hato na hato. Guhubuka

34 *Testimonies*, vol. 9, p. 92 (1909). [Ibihamya].

35 *Letter 278, 1906.*

36 *Manuscript 53*, 1910.

37 *Review and Herald*, Sept. 10, 1903. [Urwibutso n'Integuza].

n'urujijo mu mitekerereze ni byo byiganje ahantu hose kandi biriyongera. Mu by'ukuri, imijyi yo kuri iyi si iriho irahinduka nka Sodomo na Gomora.

Twebwe nk'ubwoko bw'Imana, dukwiriye kwihutisha umurimo ukagera mu mijyi yose. Uwo murimo wadindijwe n'uko habuze abakozi kandi habuze amikoro n'umwuka w'ubwitange. Muri iki gihe, ubwoko bw'Imana bukwiye kwerekeza imitima yabwo yose kuri Yo, kuko iherezo rya byose riri bugufi. Bakeneye kwicisha bugufi mu mitima no mu mitekerereze maze bakitwararika gukorana n'ubushake bw'Imana. Bagakorana umurava umurimo Imana yatweretse, bakaburira imijyi ngo yitegure kurimbuka kw'isi kutwegereje.

INGORANE ZIRIYONGERA

Twongere imbaraga maze Tujye Mbere. Turi hafi kwegera intambara ikomeye kandi iheruka. Niba hari igihe ubwoko bw'Imana kwasabwe gutera intambwe bajya mbere, ni iki gihe tugezemo. Dukwiriye kongera imbaraga maze tukajya mbere kubera ko Satani akoresha imbaraga ze zose kugira ngo yongere ingorane mu nzira ducamo. Akoresha uburiganya bwose buzwi ku nkozi z'ibibi kugira ngo yigarurire imitima y'abantu. Nahawe inshingano yo kubwira ababwirizabutumwa bacu n'ababwirizabutumwa b'abaganga, nti: "Nimutwarane, muje mbere. Umurimo tugomba gukora urahamagara buri muntu wese ngo yitange kuri buri ntambwe amaze gutera, nimukaze umurego, duharanire kujya mbere."³⁸

Nta Gihe Dufite cyo Gupfusha Ubusa. Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa. Imperuka iradusatiriye. Inzira twanyuragamo tuva ahantu tujya ahandi tumenyesha abantu ukuri nyako, vuba aha Satani agiye kurundanyamo akaga iburyo n'ibumoso ngo tutabona aho duca. Inzira zose azasishyiramo inzitizi kugira ngo intumwa z'Uwiteka zizabure aho zinyura. Ibyo bizatuma zidashobora gukora icyo zishobora gukora nonaha. Dukwiriye gukora umurimo twahamagariwe ubudacogora, tukajya mbere uko dushoboye kose, tukarwana inkundura kugira ngo tubashe gutsinda uru rugamba.

Nkurikije umucyo nahawe uturutse ku Mana nzi neza ko imbaraga z'umwijima ziriho zikorana imbaraga zidasanzwe, zirakora ubutaruhuka kandi Satani yakajije umurego, atera intambwe ihundagajeho uburiganya kugira ngo afate mpiri abari mu iroro nk'uko inyamaswa icakira umuhigo wayo. Dufite ubutumwa bw'imbuzi dukwiriye kubwira abantu, ni wo murimo tugomba gukora tugifite igihe. Ariko mu minsi mike iri imbere, inzitizi zizadukoma mu nkokora. Ndasaba Imana ngo idufashe kugira ngo dukomeze gukorera mu mucyo twahawe, dukore duhanze amaso Yesu Kristo Umuyobozi wacu, dukore twihanganira ibigeragezo kandi dukomeze dutwarane kugira ngo tuzabashe gutabarukana intsinzi.³⁹

³⁸ Letter 38, 1908.

³⁹ Testimonies, vol. 6, p. 22, 1900. [Ibihamya].

Ivugabutumwa mu Mijyi Rirushaho Gukomera. Ntabwo dusobanukirwa uburemere bw'ukuntu ingabo za Satani zirushaho gukataza mu murimo zikorera mu mijyi minini. Umurimo wo kubwira abantu ubutumwa bw'ukuri nyako uragenda urushaho gukomera. Inama nziza ni uko habaho abakozi bafite impano zitandukanye maze zigahurizwa hamwe, zigakorana ubuhanga bushingiye ku bwuzuzanye.⁴⁰

Igihe Cyiza cyo Kubwiriza Ubutumwa mu Mijyi Cyarangiye. Haracyariho umurimo ukomeye tugomba gukora. Mbibwirijwe n'Umwuka w'Imana, ndabwira abantu biyemeje gukora umurimo w'Umwami wacu ko igihe cyiza cyo kujyana ubutumwa bw'imbuzi mu mijyi cyarangiye, kandi uyu murimo ntiwakoze ngo urangire. Ndabitekereza ngasanga twikoreye umutwaro uremereye cyane, bikaba bidusaba gucunguza uburyo umwete kugira ngo tuwurangize.⁴¹

Umurimo itorero ryananiwe gukora mu gihe hari amahoro n'amikoro ahagije, bizaba ngombwa ko riwukora mu gihe cy'akaga gakomeye, igihe hazaba hari ibirushya byinshi by'urucantegye.⁴²

Mwuka w'Imana Aragenda Ava ku Isi Buhoro Buhoro. Ibihe turimo ni ibihe bikomeye kandi by'ingenzi. Mwuka w'Imana aragenda akurwa ku isi buhoro buhoro kandi ni ihame. Iyago byatangiye gusukwa ku bantu bakerensa ubuntu bw'Imana, ndetse n'urubanza rwabagezeho. Iyago n'amakuba bibera ku butaka no mu nyanja, imibereho y'abantu irakozwa hirya no hino, kandi impuruza z'intambara zabaye intero n'inyikirizo. Ibyo byose ni imiburo kandi ni ibimenyetso byerekana ko Umwuka w'Imana agenda avanwa ku isi buhoro buhoro. Ibyo biracurera ibihe bikomeye bidusatiriye, bizabanziriza kugaruka k'Umwami wacu, aje mu cyubahiro cye.

Ingabo za Sekibi ziriho zirisuganya ngo zihurize hamwe imbaraga. Ziriho zirarundanya intwari kugira ngo zizabashe gutsinda intambara ikomeye izaheruka. Bidatinze, hari ibintu byinshi bigiye guhinduka kuri iyi si dutuye kandi ibintu bizagenda bisimburana bifite umuvuduko mwinshi kandi mu gihe gito.⁴³

Umwuka w'Intambara Uriho Urakabura Amahanga. Inzitizi n'ibigeragezo bikomeye bitegereje ubwoko bw'Imana; kandi umwuka w'intambara uriho urakabura amahanga ngo urugamba rwambikane mu mpande enye z'isi.⁴⁴

Nimutyo Dukore Imiryango Itarakingwa. Na none kandi ntegetswe n'Umwuka w'Imana ngo mbwire amatorero yacu ibyerekeye umurimo dukwiriye gukora mu mijyi minini yacu. Hari umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa, tutibanda ahantu hamaze guhangwa amatorero gusa, ahubwo

40 *Medical Ministry*, p. 300 (1909).

41 *Manuscript* 62, 1903.

42 *Testimonies*, vol. 5, p. 463, 1885. [Ibihamya by'Itorero].

43 *Testimonies*, vol. 9, p. 11, 1909. [Ibihamya by'Itorero].

44 *Testimonies*, vol. 9, p. 17. (1909). [Ibihamya].

tukawukora n'ahantu habwirijwe ubutumwa mu buryo budahagije. Ndetse no hagati muri twe hari abapagani bujuje ibyangombwa nk'abo mu bindi bihugu bya kure. Imiryango ikwiriye gukingurwa kugira ngo tugeze kuri abo bantu ubutumwa bw'ukuri kw'iki gihe. Iyo miryango ikwiriye gukingurwa aka kanya. ...

Ibihe byinshi twabwirwaga ko imijyi yacu ikeneye kumva ubutumwa bw'imbuze, ariko mbega ukuntu twabigizemo intege nke, ntitwubahirije amabwiriza twahawe! Nabonye Uhagaze ahirengeye ku ruhimbi rurerure ateze amaboko, maze arahindukira atunga urutoki muri buri cyerekezo, avuga ati: "Isi irarimbutse, itaramenya amategeko yera y'Imana, kandi Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi barasinziye." Imana irararika yinginga abasaruzi ngo bajye mu murimo kuko haracyari umurimo ukomeye tugomba gukora. Hakenewe abantu bahinduka ngo bongerwe ku basanzwe mu itorero, kugira ngo bazakizwe. Dukwiriye kubwiriza ubutumwa bwiza bw'imbuze abagabo n'abagore bari mu bihogere byose no mu tuyira twose

Turacyari kure y'umucyo twahawe n'Imana, umucyo werekeye uburyo tugomba gukora umurimo mu mijyi minini. Igihe kirageze, tukumva itegeko ryo gukingura inzugi zigikinze muri iki gihe kugira ngo ubutumwa bugezwe ku bantu. Dukwiriye gukanguka tugakorana umwete igihe abamarayika b'Imana bagitegereje gufasha mu buryo budasanzwe abantu bose biteguye gushishikariza abagabo n'abagore kwiminjiramo agafu, bakabumbatira imyitwarire myiza, bakiranukira Imana, birinda indwara kandi bitegura umunsi w'urubanza rutegereje umuntu wese.⁴⁵

Kora Ugifite Uburyo. Bavandimwe, nimukore mugifite uburyo. Mu mijyi yabwirijwemo ubutumwa haracyari abantu benshi batarasobanukirwa n'ukuri kw'Imana. Bamwe mu bumvise ubutumwa bw'agakiza bwarabahinduye ariko abandi bapfuye bahagaze mu by'umwuka. Hariho abandi na bo bari kubwumva, bakabwakira ndetse bukabakiza, iyo baza kugira amahirwe yo kububwirwa..... Imbaraga zacu z'agashinguracumu dukwiriye kuzikoresha umurimo w'Imana ku isi kugira ngo bariya bantu bashobore kumasha ubudasubira inyuma, bemere gushyirwaho ikimenyetso cy'ijuru.⁴⁶

IMPURUZA KU MURIMO WIHUTIRWA

Igihe ni Gito. Ubutumwa nasabwe kubwira abantu muri iki gihe ni ubu: Nimugeze ubutumwa mu mijyi mudatindiganyije kuko igihe ari gito. Imana yakomeje kuturindira uyu murimo mu gihe cy'imyaka ihise igera kuri makumyabiri cyangwa irenga. Hari ahantu hake hakoze uwo murimo ariko ntibihagije. Hari henshi cyane uwo murimo ugomba gukorwa.⁴⁷

Ukwizera Kwawe kuri he?–Iyo ntekereje imijyi myinshi itaragezwaho ubutumwa bw'imbuze, sinshobora gusinzira. Kuba aho hantu harirengagijwe

⁴⁵ Manuscript 7, (1908).

⁴⁶ Manuscript 7, (1908).

⁴⁷ Letter, 168, 1909 [Urwandiko].

igihe kirekire ni ibintu bibabaje cyane. Hashize imyaka myinshi cyane imijyi yo muri Amerika harimo n'iyi mu Majyepfo yashyizwe kuri gahunda yahawe bene Data ngo yitabweho ku buryo bw'umwihariko ariko ntibyakozwe nk'uko bikwiriye. Abantu bake gusa ni bo bikoreye umutwaro, bakora umurimo muri iyo mijyi, ariko iyo ugereranyije n'ibyo bagombaga gukora n'amahirwe bari bafite, usanga harakozwe umurimo muto cyane. None se bavandimwe, ukwizera kwanyu kuri he? Abakozi bari he?....

Mbese ntidushobora gukora gahunda yo kohereza intumwa muri iyo mijyi yose tukitangira kubaha ibyangombwa kandi tukabitaho mu bikenewe byose? Mbese abagabura b'Imana ntibazajya muri iyo mijyi ituwe cyane ngo barangurure amajwi yabo baburira abo bantu batagira ingano? Mu gihe kigoranye nk'iki, buri kiganza cyose gikwiriye gukoreshwa umurimo w'ivugabutumwa.⁴⁸

Hari Abantu Benshi Batarabwirwa. Mu mujyi wa New York ndetse no mu yindi mijyi myinshi, hari abantu benshi batarabwirwa ubutumwa bw'imbuze.... Dukwiriye gushyira uyu murimo mu byihutirwa kandi tukawukora dushyizeho umwete. Dukwiriye kwitandukanya n'ibituziga byose ndetse n'ibitekerezo byacu tukabishyira uruhande rumwe, ahubwo tukabwiriza ukuri nk'uko kwanditswe muri Bibiliya. Abantu berejwe gukora umurimo w'ibwirizabutumwa n'abandi bafite impano zitandukanye bakwiriye koherezwa muri iyo mijyi maze bagatangira umurimo.⁴⁹

Ni Igihe cyo Gukangura Abarinzi. Imijyi yacu ikeneye kugezwamo ubutumwa bw'imbuze....Hakenewe amafaranga yo gukomeza umurimo mu mijyi ya New York, Boston, Philadelphia, Buffalo, Chicago, Saint Louis, New Orleans no mu yindi mijyi myinshi. Hamwe na hamwe muri iyo mijyi, abantu baho bakanguwe n'ubutumwa bwahabwirijwe guhera mu 1842 kugeza mu 1844, ariko mu myaka yakurikiyeho hakozwe ibintu bike cyane ugereranyije n'ibyari byarateganyijwe. Ubu birasa nk'aho biruhije kumvisha abantu bacu icyo kibazo ngo na bo ubwabo bumve ko ari umutwaro twikoreye wo gukora umurimo w'ibwirizabutumwa mu mijyi minini.

Ndararika bene Data bagize amahirwe yo kumva ubutumwa mu myaka yashize, ngo bitabe impuruza. Ubu ni igihe cyo kukangura abarinzi. Nakoresheje imbaraga zanjye zose nari mfite, mbwira abantu ubutumwa Imana yampaye. Umutwaro w'ibibazo n'ibyari bikenewe warandemereraga cyane kugeza ubwo numvaga ngiye gupfa. Ndasaba Umwami Imana guha ubwenge bene Data kugira ngo bamenye uko bagomba gukora umurimo, ugatera imbere, kandi bagakora bakurikije ubushake bw'Uwiteka.⁵⁰

Hari za Miliyoni z'Abantu Bakeneye Kumva Ubutumwa. Imijyi igomba kubwirwa ubutumwa. Hari za miliyoni z'abantu batuye muri iyo

48 *Review and Herald*, Sept. 25, 1909. [Urwibutso n'Integuza].

49 *Manuscript* 25, 1910.

50 *Manuscript* 13, 1910.

mijyi ituwe cyane bakeneye kumva ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Uyu murimo wagombaga kuba warihutishijwe mu myaka mike ishize.⁵¹

AMAHIRWE ADASANZWE MU MURIMO W'IVUGABUTUMWA

Amateraniro Manini nk'Ayo mu Mujyi wa Saint Louis. Nahawe amabwiriza ko muri iki gihe cyegereje imperuka, imijyi yacu igomba gukorerwamo amateraniro manini menshi kandi meza nk'ayabereye mu mujyi wa Saint Louis. Ni ngombwa rero ko habaho imyiteguro ihagije kugira ngo abazaza muri ayo materaniro bazamenye ukuri nyako kwavuye ku Mana. Igihe Kristo yari hano ku isi, yajyaga agira amahirwe yo kubona aho abantu bateraniye ari benshi, bateranye kubera impamvu zitandukanye. Ijwi rye ryumvikanaga neza, akabwira abantu ubutumwa bw'agakiza. Iyo myigishirize yatanze umusaruro. Nyuma yo kubambwa no gusubira mu ijuru, abantu ibihumbi byinshi bihannye umunsi umwe. Imbutu yabibye yacengeye mu mitima y'abantu, iramera, maze igihe intumwa za Yesu zari zimaze guhabwa Umwuka Wera, umusaruro waregeranijwe, urahunikwa.

Abigishwa bakomeje kuja mbere babwiriza ubutumwa ahanu hose, bakorana umwete n'imbaraga zidacogora, maze ubwoba bari bafite bwibasira ababarwanyaga. Ntabwo bari gutinyuka gukora ibyo iyo batabona imbaraga za Mwuka Wera kandi nta kimenyetso kigaragara bari bafite kibereka ko Imana iriho ikora umurimo wayo.

Igihe abantu bateraniye hamwe ari benshi, ni byiza ko abagabura bacu bajyayo, bakababwira Ijambo ry'Imana. Bakwiriye kubikorana ubwenge kugira ngo bumvwe n'abantu benshi kandi mbere yo kubikora, bakwiye kubanza gusaba Imana ngo babanze gusobanukirwa n'ukuri nyako mbere yo kukubwira abandi....

Dukwiriye kunonosora uburyo bwose bwakoreshejwe muri uwo mujyi wa Mutagatifu Ludoviko (Saint Louis). Mu materaniro nk'ayo, Imana izajya ibonamo abantu ikoresha umurimo wayo. Impapuro zanditsweho ubutumwa bwagenewe iki gihe turimo bwavuye ku Mana zikwiriye kunyanyagizwa mu bantu nk'uko ibibabi by'ibiti byo ku mpeshyi usanga byandagaye ahanu hose. Izo mpapuro zanyanyagizwa mu bantu bose baje muri ayo materaniro, bakazitahana, zaba nk'ibibabi by'igiti cy'ubugingo cyagenewe gukiza amahanga indwara zibugarije.

Bene Data, mboherereje ubu butumwa kugira ngo mubugeze ku bandi. Abantu biyemeza bakajyana ukuri nyako bakakumenyesha abandi, Imana ibibahera umugisha kuko ari yo yabahaye umutwaro wo kubwira abandi inyigisho z'ukuri nyako

Igihe kirasohoye kurenza uko byahoze, Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bagomba guhaguruka maze bakarabagirana kubera ko umucyo wabo wamaze kuza kandi icyubahiro cy'Uwiteka kikaba cyarabarasiye.⁵²

⁵¹ *Review and Herald*, July 5, 1906. [Urwibutso n'Integuza].

⁵² *Letter* 296, 1904 [Urwandiko].

KUGENZURA NEZA IBIKENEWE MU MURIMO UKORERWA MU MIJYI MININI

Umurimo wo mu Muji Uraruhije. Umurimo wo mu mijyi dukwiriye kuwukorana imbaraga zidasanzwe. Abantu bake gusa ni bo biteguye kugira icyo bakora. Hari abantu b'ingeri zose dukwiriye kugezaho ubutumwa kandi umurimo uraruhije. Ariko tuzatera umwete abantu bose bafite ubushobozi n'ubumenyi bashobora gukoresha kugira ngo bitangire gukora uwo murimo kandi ngo ijwi riheruka ry'ubutumwa bw'imbuzi ryumvikane ku isi yose.⁵³

Hakenewe Inyigo n'Amikoro. Hari abakozi bake b'abizerwa bagerageje kugira icyo bakora mu muji munini wuzuye ibyaha wa New York. Ariko umurimo warabaruhije cyane bitewe n'uko bari bafite ibikoresho bike cyane. Umukuru _____ hamwe n'umugore we bakoze umurimo bakiranutse. Ariko se ni nde wigeze yumva afite umutwaro wo kubunganira muri uwo murimo wari ukomeye utyo? Ni nde mu bayobozi bacu wigeze abasura ngo bigire hamwe, bakore urutonde rw'ibintu bikenewe?⁵⁴

Ingorane n'Ubwoba ni Impamvu Zituma Umurimo Utitabwaho. Igihe kirihuta bwangu gishyira iherezo ry'iteka kandi iyo mijyi ntiragezwamo ubutumwa. Umwuka w'Imana ashobora guha imbaraga abantu bitanze kugira ngo abatuye iyo mijyi bamenyeshwe ukuri nyako. Umucyo uvuye ku Mana uzarasira mu bwenge bwabo. Iyo imitima yabo yakiriye ubutumwa igira imbaraga zidasanzwe, zidashobora guhangarwa n'ibishuko....

Inshingano yanjye ni ukubwira abantu ko Imana idahwema guhamagarira abantu gukora umurimo ukomeye wo mu mijyi. Ubu hari ahantu hashyashya hafunguwe, hatangijwe umurimo. Abantu bamaze kumenya ubutumwa kandi bashoboraga gufata inshingano muri uwo murimo ntibakunze kubyitabira kubera ingorane ziboneka muri wo cyangwa se bakagira ubwoba bwo kuwujyamo. Izo ni zo mpamvu zatumye umurimo w'ibwirizabutumwa mu mijyi utitabwaho, hakaba hashize igihe kinini.⁵⁵

Akanama ko Kwiga ku Bintu by'Ingenzi Bikenewe. Hagombaga gushyirwaho akanama kagizwe n'abantu barindwi, bagafatanyaga na prezida, bagatangiza umurimo mu mijyi minini kugira ngo ubutumwa bugere ku baturage baho bariho barimbuka kandi bataramenya ukuri nyako. Ikibabaje ni uko kugeza n'ubu nta ngamba zifatwa ngo hakoreshe imbaraga kugira ngo abo bantu barokoke. Abo bantu barindwi bagomba kuba ari abantu bafite ibitekerezo byagutse kandi bashabutse, abantu bicisha bugufi, b'abagwaneza kandi boroheje mu mutima. Iyo biza kugenda bityo, ntabwo imijyi iba yarakereywe nk'uko bimeze ubu. Ubutumwa bwari kuvugwa bwiungikanyaga, bugahamagarira abantu bitangira gukora uwo murimo....

⁵³ Letter 82, 1910 [Urwandiko 82].

⁵⁴ General Conference Bulletin, April 7, 1903. (Ikinyamakuru cy'Inteko Nkuru y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi).

⁵⁵ Letter 150, 1909.

Hagomba gutoranywa abantu batarenze barindwi maze bagahabwa inshingano nyinshi z'umurimo w'Imana mu mijyi minini. Abo bantu bakwiriye kwicisha bugufi maze bagatakambira Imana buri munsu bayisaba cyane ngo ibahe ubwenge mvajuru. Bakwiriye kugirana umubano n'Imana nk'abantu bafite inyota yo kwigishwa. Bakwiriye kuba ari abantu bakunda gusenga, bazirikana ko ubugingo bwabo bushobora kurimbuka. Ni uwuhe murimo w'abo bantu barindwi? Bagomba gukora ubushakashatsi kugira ngo bamenye ibintu bikenewe mu murimo muri iyo mijyi, bagashaka uko imbaraga zashyirwa hamwe mu guteza imbere umurimo.⁵⁶

Kubona Ibikenewe nk'uko Imana Ibibona. Imana ishaka ko tuvuga ubutumwa bwa marayika wa gatatu muri iyo mijyi dukoresheje imbaraga.... Uko dukoresha imbaraga zacu zose Imana iduha, twicisha bugufi kandi tuyiringira byimazeyo, nta kabuza imirimo dukora izabyara umusaruro. Nidukoresha imbaraga zacu kugira ngo abantu bamenye ukuri kw'iki gihe, abamarayika bera bazadufasha, bitume abantu benshi bakizwa. Imana ntijya itererana intumwa zayo ziyikiranukira. Ituma ingabo z'abamarayika bayo kugira ngo babafashe kandi babaherekeze mu murimo, ikabaha na Mwuka Muziranenge wemeza abantu ibyaha byabo, bakamasha, bakihana. Ntimukwiriye kugira ubwoba kuko ijuru ryose ryiteguye gushyigikira ukurarika kwanyu.

Yemwe! Icyampa ngo dushobore kubona ubukene bw'iyi mijyi minini nk'uko Imana ibibona! Dukwiriye gutegura gahunda y'ibikorwa, maze muri iyo mijyi tukahashyira abantu bashoboye umurimo, bashobora kuvuga ubutumwa bwa marayika wa gatatu ku buryo ingufu zabwo zishenjagura imitima. Ariko abantu bashoboye gukora batyo, ntitwahangara kubarekera ahantu hamwe, ngo bakore umurimo wagombaga gukorwa n'abandi.⁵⁷

IBIBAZO BYIHARIYE BY'IVUGABUTUMWA RYO MU MIJYI MININI

Ibyumba Binini kandi Byiza. Byararuhije kumenya ingamba zakoresheye kugira ngo ubutumwa bugere ku bantu bo mu mijyi minini. Ntabwo twemerewe kwinjira mu nsengero kandi mu mijyi minini ibyumba mberabyombi birahenda; ikindi kandi, mu byumba byiza haza abantu bake. Abantu batamenyereye ubutumwa bwacu baradusebyaga. Bavugaga ko kwizera kwacu kudafite ishingiro, kandi ngo ntikumvikana ndetse wasangaga batwita abaka, bakavugaga ko turuhuka Isabato bitewe no kutamenya icyumweru. Byaraturuhije cyane kugira ngo tubone uburyo bwo kuvanaho izo nzitizi ziri ku rwego rw'isi yose kandi zirangwa no kubogama. Ntabwo byari bitworohye kuvugira ubutumwa bw'ukuri nyako imbere y'abantu bafite imyumvire imeze ityo.⁵⁸

Kubona icyumba cyo Guteraniramo cyari ikibazo hose. Ahenshi twageraga twahasangaga ingorane nk'izo twasanze ahandi, ariko

⁵⁶ Letter, 58, 1910.

⁵⁷ Manuscript 53, 1909.

⁵⁸ Testimonies, vol. 6, pp. 31, 32 (1900).

bigatandukanaho gato... Twatekerezaga ko Satani yahagize icyicaro kugira ngo ahabibe imbuto ze, ngo bitume abakozi b'Imana bacika intege, kugeza ubwo bareka umurimo. ...

Dukwiriye gusaba Imana ubwenge. Nkoresheje ukwizera mfite, ndareba nkabona itorero rikomeye rishinzwe muri uyu mujiyi. Umurimo wacu ukwiriye kuba uwo kwitegereza no gusenga, gushakashaka inama itangwa n'Imana Nyiribitangaza kandi ikaba Nyirubushobozi mu gutanga inama zubaka. Nyirububasha urusha ubushobozi imbaraga zose zo muri gihenomu ashobora kwambura Satani umuhigo, maze akayobora abamarayika bo mu ijuru bakarwana intambara, imbaraga z'umwijima zigatsindwa, maze bagashinga ibendera ry'ukuri nyako no gukiranuka muri uwo mujiyi...

Bene Data bahoze bashakashaka ahantu bakorera amateraniro. Amazu aberamo ikinamico n'ibyumba mberabyombi usanga bifite ingorane zitandukanye kandi nyinshi ku buryo dutekereza kuzagirira amateraniro hanze, tugasanza barafu, tukayicara hejuru kuko hari n'andi materaniro yigeze kuhabera y'itorero n'ayo kwirinda indwara. ... Turamutse tubonye icyumba mberabyombi dukoreramo amavuna, cyadutwara amafaranga menshi. Ariko Imana izadushakira ahantu tuzateranira kugira ngo ukuri kwayo kugere ku bantu kuko ari bwo buryo izaba yahisemo.

Kurengera Ababwirizabutumwa bo mu Mujiyi. Ubu nonaha, Imana iradutegetse ngo twongere tubwirize ubutumwa dukoresheje imbaraga mu miji y'impande zose z'isi: i Burasirazuba, mu Majyepfo, mu Majyaruguru n'i Burengerazuba. Mbese twese ntitwari dukwiriye kwemera maze tugakora umurimo adutegeka? Mbese ntitwakora gahunda y'umurimo ngo twohereze intumwa muri misiyoni nshya twafunguye kandi tukitangira kubatunga no kubaha ibindi bakeneye kugira ngo umurimo uzagende neza?... Imiji yacu yose igomba kugezwamo ubutumwa. Umwami wacu agiye kugaruka. Imperuka iri bugufi, iratwegereye. Mu gihe gito tuzaba tutagishoboye gukora kuko tuzaba tudafite umudendezo nk'uwo dufite muri iki gihe. Imbere yacu hari ibibi byinshi bidutegereje. Icyo dusabwa gukora ni ugukora bwangu. Dukwiriye kubaka umurimo ahantu hose hashoboka. Kugira ngo turangize uyu murimo, dukeneye inkunga y'abapasitoro babifitemo ubunararibonye, bashobora kuyobora amatorero manini

Uwiteka ashaka ko twamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu miji dukoresheje imbaraga zacu zose, ariko twebwe ubwacu ntidushobora kuzikoresha ngo turangize umurimo. Icyo dushobora gukora ni ugutoranya abantu tukabasaba kujya aho hantu hakenewe kugezwa ubutumwa, bakabwiriza abantu ubutumwa, bakoreshwa n'imbaraga ya Mwuka Muziranenge. Uko bazajya baganira ibyerekeye ukuri nyako, bakakugenderamo kandi bagasaba Imana ngo ibuzuze uko kuri, Imana izakoresha imitima yabo.⁵⁹

59 Manuscript 53, 1909.

Abavugabutumwa mu "Mihanda Minini". Ubushobozi bwa Mwene Data _____, nk'umuvugabutumwa w'umuhanga kandi ufite ubushizi bw'amanga burakenewe. Uwo mubwirizabutumwa ahabwa inshingano yo kubwiriza ubutumwa ahari imihanda minini ihuza umurwa n'indi mijyi. Igihe ukuri kwamamajwe ahantu nk'aho hari imihanda minini, inzitiro zizacikamo icyuho, inzitizi zitamuruke maze ubutumwa bw'ukuri nyako bubwirizwe abahisi n'abangenzi na bo bahinduke intumwa, bityo, ubutumwa bugere kure.⁶⁰

Ni Ngombwa Gukoresha Imbaraga Zidasanzwe. Mu mijyi yo muri iki gihe harimo ibintu byinshi bikurura kandi bishimisha abantu, si ahantu ho gukoreshwa imbaraga zisanze. Abakozi b'Imana nibahamagarirwa kujya gukora mu mijyi, bazasanga ari ngombwa gukoresha imbaraga zidasanzwe kugira ngo bashobore kwireherezaho abantu benshi. Maze nibabona abantu babyitabira ari benshi, bazababwiriza ubutumwa budasanzwe kandi bakoreshe uburyo budasanzwe kugira ngo abantu bakanguke, bakire ubutumwa bw'imbuze. Bizaba ngombwa ko bakoresha uburyo bwose no guhimba amageza kugira ngo ukuri nyako babwiriza abantu kurusheho kumvikana no gutandukana n'ibinyoma. Ni ngombwa gutegura ubutumwa bw'igerageza bugufi, bwumvikana kandi bufite imbaraga zo gufata mpiri ibitekerezo by'abumva ubutumwa bigatuma bafata icyemezo cyo gutangira kwiga Ibyanditswe Byera.⁶¹

Inzitizi, Itubyamutungo n'Abagenerwabutumwa Bahinduka. Narose inzizi, mbona bamwe muri bene Data bari mu nama, bariho barebera hamwe igenamikorere igaragaza ibizakorwa muri iki gihe (1874). Batekerezaga ko atari byiza gutangirira umurimo mu mijyi minini, basanga ibyiza ari ugutangirira mu midugudu mito, ahantu hitaruye imijyi, aho batazahura n'inzitizi nyinshi cyangwa se imbogamizi ziturutse mu bayobozi b'itorero, kandi hatabasaba umutungo mwinshi. Batekerezaga ko abagabura b'ubutumwa bwiza (abapasitoro) bacu bakiri bake mu mibare, batashobora kwigisha, kwita ku bantu bo mu mijyi no gukurikirana abemeye ukuri nyako. Bakekaga kandi ko abakiriye ubutumwa bazahura n'ababarwanya, bikazaba ngombwa gukenera ababafasha guhangana n'izo nzitizi kurenza uko bafashwa n'amatorero mato y'ahantu hatari mu mijyi. Bityo, ibyo byatumaga umusaruro wo kwigisha ibyigisho mu mijyi uburizwamo. Ikindi kandi, bitewe n'amikoro make no guhora bava ahantu bajya ahandi gutangiza umurimo, babonaga ko kubaka urusengeru rushobora gukemura ikibazo mu mujyi munini ari ikibazo batakwikorereza. Umugabo wanjye yagiriye inama bene Data yo gutegura igenamikorere yagura imbago badatindiganyije kugira ngo umurimo w'ivugabutumwa ukorwe mu mijyi minini kandi ibe ikozwe mu buryo buhuje n'umugambi w'ubutumwa bw'imbuze twahamagariwe kubwira abantu. Umukozi umwe, ashingiye ku nzitizi runaka yahuye na zo mu mijyi, bituma acika intege, yerekanaga ko bisa nk'aho intego yari igamijwe itazagerwaho, noneho agaragaza ko

⁶⁰ Letter 168, 1909.

⁶¹ Testimonies, vol. 9, p. 109. (1909).

gukorera mu mijyi mito cyangwa ahantu hatari hanini ari byo bishobora gutanga umusaruro.

Nyiricyubahiro n'ubutware bwoye, Nyirububasha utabura kuboneka mu nama zacu zose, yategaga amatwi ijamba ryose rivuzwe. Iyo twajyaga impaka, tugafata icyemezo, ni we wabaga agifashe kandi agatanga n'ubwishingizi bwo kugishyira mu bikorwa. Yarivugiyeye at: "Isi yose ni uruzabibu rw'Imana. Imijyi n'imidugudu na byo ni umugabane ugize uruzabibu rwanjye. Aho hantu hagomba gukorwa umurimo."⁶²

Umurimo Usaba Amikoro Menshi. Bisa nk'aho bidakunze kubaho ko umuyobozi atinyuka gusaba umukozi ngo najye gukora mu mujyi, bitewe n'amikoro akenewe ngo bene uwo murimo ukomeye kandi uruhije ubashe gukorwa. Ni iby'ukuri, umurimo tugomba gukora mu mijyi uzadusaba amikoro menshi. Kugira ngo tuzabigereho, Imana iradusaba kuvuga cyane, turanguruye amajwi, twihanangiriza abakozi bacu ngo bajye bazirikana gukoresha neza amikoro dufite, cyane cyane mu murimo nk'uyu uruhije.⁶³

Ubufatanye Buvuye ku Mutima kandi bwa Ngombwa. Mu mijyi yacu minini ni ngombwa guhuriza hamwe ingufu kugira ngo umurimo ukorwe neza. Abakozi bakwiriye gukorera hamwe bagakora batizigama, bagakora nk'umuntu umwe kandi bagakorana umurava, mu mwuka umwe kandi batinya Imana. Ntabwo ari byiza gukoresha imbaraga zidasanzwe mu rwego rwo gushimisha abantu cyangwa gukurura amakimbirane. Nimureke umurimo ukorwe mu buryo busanzwe kandi bugaragaza ko abantu bihannye barangwa n'ubwuzu, ubufatanye buvuye ku mutima kandi hakabaho no kwiganana mu gukora neza no gukorana umwete, barangwa no kwiya no kwitanga, bakiza ubugingo bw'abantu buriho burimbuka.⁶⁴

Reka dushimire Imana kubw'abakozi bake bakora uko bashoboye bakazamura umurimo w'Imana mu mijyi yari yaribagiranye. Tujye twibuka ko dufite inshingano yo kuja twunganira abo bakozi. Ntabwo Imana ishimishwa no kubona tutishimira kandi tudashyigikira umurimo abakozi bacu bakora muri icyo mijyi minini, kandi bawukiranukaho.⁶⁵

Kumenyereza Umurimo Kugira ngo Haboneke Umusaruro. Kimwe cya kabiri cy'ingufu ziba zarakoreshejwe mu murimo w'ivugabutumwa mu mijyi minini kirazimira cyangwa kikaba imfabusa bitewe n'uko abakozi basaza amavuna vuba, bakihutira gutangiza ahandi hashyashya. Intumwa Pawulo yatangizaga umurimo ahantu, akahatinda, akahamara nibura umwaka kugira ngo amenyereze abayoboke, agafata undi mwaka n'igice ahandi hantu. Gufunga amavuna imburagihe byakunze guteza igihombo kinini mu murimo w'ivugabutumwa wakoze mu mijyi.⁶⁶

⁶² *Testimonies*, vol. 7, pp. 34, 35. (1902). [Ibihamya by'itorero].

⁶³ *Manuscript* 45, 1910.

⁶⁴ *Manuscript* 128, 1901.

⁶⁵ *Manuscript* 154, 1902.

⁶⁶ *Letter*, 48, 1886, [Urwandiko].

ISEZERANO RY'UMUSARURO UTUBUTSE

Iyerekwa ry'Agahebuzo. Mu iyerekwa nagize nijoro, nabonye ibintu by'akataraboneka bica imbere yanyje. Nabonye igishashi cy'umuriro kinini kigwa hagati y'amazu, ahita yikubita hasi, yose arasenyuka. Numva umuntu avuga ati: "Twari tuzi ko Imana izacira isi urubanza, ariko ntitwari tuzi yuko bizaba vuba." Numva abandi hirya bavugana ijwi ryuzuye umubabaro bavuga bati: "Burya mwe mwari mubizi! Ni kuki mutabitubwiye? Twebwe ntitwabimenye." Amajwi yumvikanaga hirya no hino ariho aveba abo bantu bihereranye ubutumwa bwerekeye kugaruka kwa Kristo.

Nuko nkanguka byampagaritse umutima cyane. Hashize akanya nongera gusinzira. Nasaga n'aho ndi mu iteraniro rinini cyane. icyo gihe umwe mu bayobozi yarimo abwira iteraniro ry'abantu, imbere ye hari harambuye ikarita y'isi. Numva avuga ati: "Iyi karita igereranya uruzabibu rw'Imana rugomba guhingirwa. Uko umucyo wavaga mu ijuru ukamurikira ku muntu, maze na we akawumurikishiriza abandi, iyo micyo yakongerezwaga ahantu henshi, noneho kuri icyo micyo hagashibukaho indi, na yo igakongezwa, bityo bityo. ...

Nabonye agatsiko k'umucyo ubonesha hejuru y'imijyi n'imidugudu, ikamurika ituruka mu bice byo hejuru ikongera ikageza ku bice byo hasi ku isi. icyo gihe Ijambo ry'Imana ryahawe agaciro ahantu hose, bituma mu mijyi minini n'imito hashyirwa ikintu cy'urwibutso. Ukuri kw'Imana kwabwirijwe ku isi yose.⁶⁷

Imiburo Ikomeye Igomba Gukangura Abantu. Abantu bafite kwizera kandi bahora basenga bazumva bahatirwa n'umwete mwinshi kujya kwamamaza ayo magambo bahawe n'Imana. Ibyaha bya Babuloni bizashyirwa ahagaragara. Ingaruka ziteye ubwoba z'amategako ya Leta ahatira itorero kunyuranya n'ubushake bw'Imana, gukwirakwiza rwihishwa inyigisho z'imyuka iyobya, imbaraga z'ubupapa zikomeza gukora bucece - byose bizatwikururwa bishyirwe ku mugaragaro. Kubera iyi miburo ikomeye, abantu bose bazakangarana. Abantu ibihumbi n'ibihumbi batigeze bumva ubutumwa nk'ubu bazabutegera amatwi. Bazumirwa bumvise ubuhamya buvuga ko Babuloni ari itorero ryaguye, kubera ibicumuro n'ibyaha byayo no kubwo kwanga ukuri yahawe gukomotse mu ijuru.⁶⁸

Abantu benshi Bagomba Gukurikira Umucyo. Binyuze mu buntu Kristo yatugiriye, abagabura b'Imana bagirwa intumwa zishyira abantu umucyo n'umugisha. Kubwo gusenga bashishikaye kandi batadohoka, bahabwa impano ya Mwuka Muziranenge maze bakajya mbere baremerewe n'umutwaro wo gukiza imitima y'abantu, imitima yabo yuzuye ishyaka ryo kwamamaza intsinzi y'umusaraba, bazabona umusaruro w'imirimu yabo. Nibafata icyemezo cyo kutazongera kugaragaza ubwenge bw'abantu no kwishyira hejuru, bazakora umurimo utazasenywa n'ibitero bya Satani.

⁶⁷ *Testimonies*, vol. 9, pp. 28, 29. (1909). [Ibihamya by'itorero].

⁶⁸ *Intambara Ikomeye*, p. 425.

Abantu benshi bazava mu mwijima, bagere mu mucyo maze hahangwe amatorero menshi. Abantu bazihana, ariko badahinduwe no kuba ibikoresho by'abantu, ahubwo bahinduwe no kuba ibikoresho bya Kristo. Inarijye izibagirana, Yesu wenyine, Umuntu w'i Kaluvari ni we uzagaragara muri bo.⁶⁹

IGICE CYA 3

KUBWIRIZA

UBUTUMWA MU

MIDUGUDU MITO NO

MU BYARO

MU NZIRA Z'IBIHOGERE NO MU TUYIRA DUTO

Kuvuga Ubutumwa Ahadatuwe Cyane. Mu rwego rwo kwagura umurimo, turateganya kubwiriza ubutumwa kure y'imijyi. Hirya y'imijyi hari imiryango myinshi ikeneye gukurikiranwa kugira ngo tumenye neza ko basobanukiwe n'umurimo Kristo ariho akorera ubwoko bwe.

Abantu batuye ku mihanda minini ntibakwiriye kwirengagizwa; kimwe n'abatuye mu mfunganwa; uko tuzajya tuva ahantu tujya ahandi, tuva mu rugo tujya mu rundi, dukwiriye kuzajya twibaza tuti: " Mbese abantu baba muri uru rugo baba barumvise ubutumwa? Mbese hari ubwo ukuri kw'Ijambo ry'Imana kwaba kwarageze mu matwi yabo? Mbese baba bazi ko iherezo ry'ibintu byose riri bugufi kandi ko urubanza rw'Imana rudusatiriye? Mbese baba bazi ko buri bugingo bw'umuntu ari ubw'igicro cyinshi ?" Iyo ntekereje kuri ibi bintu, umutima wanjye wahagizwa n'inyota yo kureba ukuntu ukuri nyako kuzavugwa aho hantu mu buryo bwumvikana, kugacengera mu ngo z'abo bantu baturiyeye imihanda iri kure y'imijyi ituwe cyane.... Ni amahirwe atangaje twifitiye yo kubasura, tukabamenyesha urukundo Imana ibafitiye n'ibyiza Imana yabateganyirije kugira ngo bazabashe kurokoka.

Muri uyu murimo, haba ku bantu baturiyeye imihanda minini n'abatuye hirya mu mfunganwa, hari ingorane zitoroshye zidutegereje kandi tugomba gutsinda. Ariko igihe umukozi w'Imana ariho ashakashaka ubugingo bwazimiye, ntakwiriye kugira ubwoba cyangwa ngo acike intege, kuko Imana iri kumwe na we, ni umufasha we kandi izakomeza kumubera umufasha; kandi yiteguye guca inzira aho zidasanzwe kugira ngo abagaragu bayo bazinyuremo.⁷⁰

⁷⁰ Manuscript 15, 1909

Turahamagarirwa Gutegura Igenamigambi Zagutsez' Ivugabutumwa. Twese uko twakabaye dutegura gahunda z'ibikorwa by'ivugabutumwa zihiniye bugufi. Igihe kirageze ngo twagure imitekerereze. Imana ishaka ko umurimo tuyikorera wamenyesha abantu amahame y'ukuri nyako no gukiranuka kwayo. Umurimo wayo ukwiriye kwagurwa ukajya mu mirwa, mu mijyi no mu midugudu. ...

Dukwiriye kureka akamenyero ko gutegura gahunda y'ibikorwa bigufi, tugategura igenamigambi yagutse ituma tuyana ubutumwa ahantu hagari. Ibyo bizatuma tugera ku bantu bari bugufi n'abari kure.⁷¹

Ahakekwa kuba Hataboneka Umusaruro. Umurimo ukwiriye kwagurwa. Ubutumwa bw'agakiza bukwiriye kubwirizwa mu bice byo ku isi yose. N'ahantu abantu bakeka ko hataboneka umusaruro hakeneye kubwirwa ubutumwa, tukabikora dushyizeho umwete kandi tumaramaje. Abana b'Imana bakorana umurava, bagendera mu kuri kandi bataranganwa ubwikanyize, bakwiriye gukoresha ubwenge bwabo bwose, bagacunga neza uyu murimo.⁷²

Biroroshye Kugeza Ubutumwa ku Batuye mu Byaro kuruta Abatuye mu mijyi. Biroroshye kugera ku bantu batuye mu misozi kurenza ababa mu mijyi ituwe n'abantu benshi. N'imyumvire y'abatuye mu misozi ntihwana n'iy'abatuye mu mijyi, ku buryo guhindura imico y'abo mu cyaro byoroha kurenza guhindura abafite imibereho yo mu mujyi yuzuye ubugome. Iyo ukuri nyako kumaze kwigarurira imitima yicisha bugufi, Umwuka w'Imana agakorera mu ntekerezo zabo, akababashisha kwitaba umuhamagaro wo kubwiriza Ijambo ry'Imana, haboneka abantu bitangiye kugira icyo bakora, batera inkunga umurimo w'Imana, batanga ku mikoro bafite cyangwa bakora umurimo nyirizina.⁷³

Ubutumwa ku Bantu b'Ingeri Zose. Abagabo n'abagore batuye ku mihanda minini no ku mitoya dukwiriye kubagezaho ubutumwa. Dusoma aya magambo ku byerekeye imikorere ya Kristo: „Yesu yagendereraga imijyi yose n'imidugudu yose, abigishiriza mu masinagogi yabo, ababwira ubutumwa bwiza, akigisha abantu ubutumwa bwiza bw'ubwami, akiza n'indwara zose n'ubumuga bw'abantu.“ Matayo 4: 23. Natwe dukwirye kugera ikirenge mu cye, tukabwiriza ubutumwa mu mijyi no mu midugudu, ku mihanda minini n'imito. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bukwiriye kubwirizwa ahantu hose kandi ku bantu b'ingeri zose.⁷⁴

Tabariza Abatuye Ahataragera Ubutumwa. Umukiza wacu akiri ku isi, yakoraga umurimo wo kuburira abantu batuye mu mijyi kandi yezaga abakozi ngo bajye gukora umurimo mu mijyi, ahataragera umucyo no kuzamura ibendera ry'ukuri mu midugudu itaragezwamo ubutumwa.... Imana yanyeretse ko tudakwirye kubabazwa n'ibikorwa cyangwa ingufu

⁷¹ Manuscript 87, 1907

⁷² Manuscript 141, 1899

⁷³ Manuscript 65, 1908

⁷⁴ Manuscript 7, 1908.

tumaze gushyira ahantu hamwe, ahubwo dukwiye kwagura umurimo, tukajya hirya y'uturere twatangijemo umurimo, tukawutangiza n'ahandi hashya. Bityo, abantu bataramenya ukuri nyako kw'Imana kwagenewe ab'iki gihe, bakabasha kukumenya babikoranye umutima ukunze. Ni igihe cyo guhamagara abantu ngo bajye kuvuga ubutumwa aho butaragera, haba muri iki gihugu cyangwa mu bihugu bya kure. Iri jambo ryagenewe ibice bitaragezwamo ubutumwa. Imbuto z'ukuri nyako zikwiriye kubibwa mu midugudu itarahingwa. ... Rizahwitura ababwirizabutumwa, maze bagire umwuka wo kubwiriza aho hantu hashyashya. Ubwikanyize bugambiriyeye gukora umurimo ahantu hamwe bunyuranyije n'umugambi w'Imana. Nimujye ahantu hose hataragera ubutumwa, maze mutangire umurimo wo kwigisha abantu batarigera bumva ukuri kw'Imana.

Ni kuki Umukiza wacu yasohokaga akajya gukora umurimo no hanze? Ni kuki yabwirizaga ubutumwa, ava mu mudugudu akajya mu wundi kandi akabikora buhoro buhoro agenda akwirakwiza umucyo akabikora abumbura Ibyanditswe Byera? Ni uko yagombaga gutega amatwi abantu, maze hakaba abantu biteguye kwakira ukuri batigeze bumva. Kristo yajyanaga ubutumwa buhoro buhoro, akabumbura Ijambo ry'Imana mu buryo bworoheje, maze abantu bakakira ukuri.⁷⁵

Kubangikanya Amateraniro. Igihe hari amateraniro makuru muri iyi konferanse, bashobora gutegura amateraniro abiri cyangwa atatu akabera icyarimwe ahantu hatandukanye. Hari igihe ayo materaniro adashobora gukorwa; ariko nko mu mezi dushobora gukoresha amahema, ho byashoboka. Ntidukwiriye kwihambira gusa ku mijyi minini, ahubwo twajya tubangikanya amateraniro. Dukwiriye kujyana ubutumwa bw'imbuhi ahantu hose.⁷⁶

ABAKOZI BO MU CYARO

Abatangizi Nibajyane Ubutumwa Aho Butaragera. Turi bugufi bw'iherezo ry'amateka y'iyi si kandi imbere yacu hari umurimo udutegereje. Uwo murimo nta wundi, ni umurimo uheruka wo kubwiriza ubutumwa bw'imbuhi buheruka ngo tuburire isi yahindanijwe n'icyaha. Hari abantu bamwe bazitaba kurarika bari mu murima bahinga, abandi bazava mu yindi mirimo maze bemere gutumwa n'Uwiteka, bajyane ubutumwa bwo kuburira abantu ku isi yose.

Gushyira hamwe byamaze gucika ku isi. Iyo twitegereje ibintu bibera ku isi, turushaho gucika intege. Ariko Kristo yakirana ubwuzu n'ibyiringiro abagabo n'abagore badutera gucika intege. Imana irabitegereza ikababonamo imbaraga zizabashoboza kuba ingirakamaro mu ruzabibu rwayo. Nibakomeza kwiga Ijambo ryayo bayobowe na yo izabagira abagabo n'abagore bizihaye gukora umurimo uhuje n'imbaraga n'ubushobozi bafite.

⁷⁵ Letter 318, 1908.

⁷⁶ Manuscript 104, 1902.

Imana ibinyujije muri Mwuka Wera, izabaha imbaraga zizatuma bashira amanga, babwirize ubutumwa.

Ahantu h'agasi, ahatigeze kuvugwa ubutumwa, abatangizi bagomba kuhinjira, bakahatangiza umurimo. Umucyo uvuye ku rukundo Umwami wacu akunda ikiremwamuntu, uzatera imbaraga abakozi benshi, bahagurukane ishema bakore umurimo. Nibatangira kuwukora bicishije bugufi, bakirundurira muri wo, bazahinduka abakozi b'ingirakamaro bakwiriye gukora, bakenewe muri iki gihe kandi bashoboye gukorera aho hantu. Kristo areba ubuhanya bwo muri iyi si n'ukuntu abantu bahorana umubabaro no kwiheba, akareba ukuntu n'abakozi bafite ubushobozi bacika intege bibaza aho batangirira umurimo, ntibamenye n'uburyo bayobora abagabo n'abagore ngo babashe kurira intambwe ya mbere y'urwego. Baracyahuzagurika mu mikorere yabo. Bakwiriye guhaguruka, bagahagarara ku ntambwe ya mbere y'urwego bavuga bati: "Nimuze aho turi." Ariko imitima ikennye ntishobora kumenya aho ishingira ibirenge cyangwa se aho ijya.

Kristo yishimira kureba mu maso h'abafite ubukene mu bintu byose. Ashimishwa no kubona abarengana n'abacisha bugufi, ashimishwa no kubona abafite inzara n'inyota byo gukiranuka kandi agashimishwa n'abadafite imbaraga zo gutangira umurimo, batazi n'aho batangirira. Yakira, nk'uko yabigenzaga na kera, ingorane zose zishobora guca intege benshi mu bagabura n'abavugabutumwa. Agirira impuhwe impabe, agakosora amakosa yacu. Abagabo n'abagore bafite imitima yiyiziho ubuswa n'abazi ko bayobye inzira ni bo yikoreza umutwaro wo gukora umurimo ku gasi n'ahantu habi hose abandi batinya. Imana yigisha bene abo bakozi uburyo bwo gushyikira abo ishaka kurokora. Bazaterwa umwete igihe bazabona bakinguriwe imiryango ngo binjire ahantu basabwa gukora umurimo w'ibwirizabutumwa mu buvuzi. Nibareka kwiyepera, ahubwo bakemerera Imana kubashoboza byose, bazaba bayihaye icyubahiro cyose....

Abantu basanzwe bakwiriye kwinjira mu murimo. Nibemera gusangira imibabaro na bagenzi babo nk'uko Umukiza wacu yayisangiye n'inyokomuntu, nibarebesha amaso yo kwizera, bazamubona ariho akorana na bo.⁷⁷

Abakozi b'Abasore Ahantu Haruhije. Abasore n'inkumi bitangira gukora umurimo wo kuvuga ubutumwa no kwigisha ukuri nyako bahirimbana guhindura imitima y'abantu, bakwiriye kubanza kuzuzwa Umwuka Wera, akabaha imbaraga, bakabona kujya aho hantu hashyashya, hatagira amacumbi, ahantu hakekwa ko hatashobora kuboneka umusaruro. Abo bakozi bataramenyera umurimo, Imana ntiyabahaye inshingano yo kubwiriza mu nsengeru. Ubutumwa bahawe ni ukubwiriza ku mihanda minini n'ahadatuwe cyane.⁷⁸

⁷⁷ *Testimonies*, vol. 7, pp. 270-272 (1902).

⁷⁸ *Manuscript* 3, 1901.

Gutuma Abagabo n'Abagore Ahantu Hirengagijwe. Nimureke abagabo n'abagore bashyingiwe kandi bamaze kumenya ukuri nyako bajye gukora umurimo ahantu hirengagijwe, maze bamurikishirize abandi umucyo bahawe. Nimukurikize gahunda yakurikizwaga n'abatangije umurimo. Nimubanze mushishoze, maze mukore umurimo aho mubona mwashobora gukora. Nimubanze mwigie amahame yerekeye kwirinda indwara kugira ngo muzayigishe abandi muzasanga aho hantu. Nimusome kandi mwigie ibitabo bitandukanye byerekeye ubuzima, mwongereho gusoma ibinyamakuru byerekeye ubuzima bisohoka mu bihe runaka kandi mwigie kuvura abarwayi. Ibyo bizatuma murushaho gukora neza umurimo wa Shobuja.⁷⁹

Ababwirizabutumwa Bavuye mu Mijyi Minini. Abantu bataramenya ubutumwa baba mu mijyi minini, bamaze kumenyera umurimo, bakaba bakunda gusoma Bibiliya, imitima yabo ikaba yiteguye kwemera gukoreshwa n'Umwuka Wera, bashobora kujya kubwiriza ubutumwa ku batuye ku mihanda minini n'imitoya, isi yose ikabwirizwa ubutumwa bwiza bahawe.⁸⁰

Mu Misozi no mu Bibaya. Igihe nari i Lakepoti muri Kaliforoniya y'Amajyaruguru, nashimishijwe no kubona ahantu habereye gukora umurimo w'Imana, abantu bakabwirwa ubutumwa bwerekeye ukuri nyako kwagenewe iki gihe tugezemo. Kuri uwo musozi hari abantu benshi bakeneye kumenya ukuri nyako kuvugwa mu butumwa bwa marayika wa gatatu. Dushorewe na Mwuka Muziranenge, dukwiriye kubwiriza ubutumwa mu baturage batuye ku misozi no mu bibaya byaho. Igihe kirageze ngo ijwi rivuga ubutumwa bw'imbuze ryumvikane hose kugeza ubwo nyiramubande iryunganira, ikabukwiza ahantu hose, bukagera ku bantu bwangu. Bukwiriye kwigishwa uko bwakabaye, umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, ubutumwa buke hano, ubundi hariya kugeza ubwo ubutumwa bwose buzumvikana kandi bukagera ku muntu wese. Abagabo n'abagore b'abahanga n'abanyabwenge bakwiriye guhaguruka badatindiganyije bakajya mu murimo kubiba imbuto z'ubutumwa bwiza....

Uwiteka azakorera mu bantu bazabumbura Ibyanditswe Byera kugira ngo babwirize ubutumwa abantu batuye mu misozi ya kure. Ndinginga bene Data na bashiki banjye gufatana urunana bakora umurimo w'ivugabutumwa kugeza ubwo bazawurangiza....

Igituma mbashishikariza kujya gukora umurimo i Lakepoti n'imidugudu ihazengurutse ni uko aho hantu hataragera ubutumwa bubwiriza abantu ukuri nyako kwagenewe ibi bihe turimo. Birashoboka kandi ko mu bantu bacu haba harimo abazishimira gukora uwo murimo, bakemera gukoresha ubutunzi bwabo kugira ngo hafungurwe misiyoni nshya. Ndabwira abo bantu nti: Kubera umurimo w'Imana, nimukore uko mushoboye, muwutere inkunga. Ntabwo turakora ubushakashatsi ngo tumenye uko ahakeneye kugezwa ubutumwa hangana, ariko i Lakipotini ni hamwe mu hantu neretswe dukwiriye kwerekeza amaso.

⁷⁹ Letter 136, 1902.

⁸⁰ Review anad Herald, Aug. 2, 1906. [Urwibutso n'Integuza].

Mfite byinshi navuga byerekeye imidugudu yubatswe kuri iriya misozi. Hari imidugudu yenda kumera nk'iyi muri Washingtoni, na ho hakeneye kubwirizwa ubutumwa. Mbese abantu bacu ntibazishimira kubwiriza ubutumwa mu bantu batuye ku mihanda minini no mu nsisiro? Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bibanze cyane mu bigo by'ubucuruzi, ukabona akenshi badashaka kujyana umucyo w'ukuri nyako ku batarakumenya. Ntitwari dukwiriye kwemera ko bene iyo migirire n'imyumvire itari myiza ikomeza.

Hariho kandi n'abantu benshi batekereza ko baramutse bagiye gukora umurimo hanze y'imijyi, bakabwiriza ubutumwa mu baturage baturiyeye imihanda minini n'imito ari bwo bazongera kugira ubuzima bwiza. Ndagira inama bene Data kwiyeze kuva mu mijyi, bakajya kubwiriza ubutumwa, hakagenda babiri babiri, bakajya aho hantu mu misozi, hitaruye imijyi. Nimuhaguruke mugende mwicishije bugufi, nk'uko Kristo yatubereye urugero kandi Uwituka yiteguye guha umugisha imbaraga bazakoresha muri uwo murimo, babwiriza ubutumwa Umukiza wacu yahaye abigishwa be ba mbere; abatega kubwira abantu ngo: "Ubwami bw'Imana burasohoye." (Matayo 12:28).⁸¹

Imiryango y'Ababwirizabutumwa mu Mijyi no mu Midugudu. Bene Data bifuzwa kwimuka aho bakoraga, bakaba babiterwa no guhesha Imana icyubahiro kandi bakumva ko bafite inshingano kuri buri wese yo kujya gukora ibindi byiza ahandi, bakajya gukiza ubugingo bw'abantu Kristo atarakuraho amaboko, bakwiriye kuva aho bari bakajya gukora mu mijyi no mu midugudu, ahantu hari umucyo muke cyangwa hakaba nta mucyo na muke uhari, aho bashobora gukora umurimo mwiza kandi bagahesha abandi umugisha binyujijwe mu murimo bakora no mu bunararibonye bwabo. Ababwirizabutumwa barakenewe mu mijyi no mu midugudu ngo bazamure ibendera ry'ukuri nyako kwagenewe iki gihe. Imana irashaka ko bayibera abahamya ku isi yose, kugira ngo umucyo w'ukuri kwayo ushobore gucengera aho utaragera, kandi ngo ibendera ry'ukuri nyako rizamurwe aho kutaramenyekana ...

Ntabwo Kristo yirengagije gukora umurimo mu midugudu. Ibyanditswe Byera bitubwira yuko "yagendaga mu midugudu n'ibirorero byose avuga ubutumwa bwiza bw'ubwami bw'Imana." ...

None se ubu si igihe abantu b'abanebwe batagira icyo bakora hano i Battle Creek bari bakwiriye kujya aho bagomba guhagararira Kristo n'ukuri kwe kutagira amakemwa?⁸²

IGICE CYA 4

GUTEGURA

IVUGABUTUMWA

AMAVUNA

KWIGANA UMUBWIRIZABUTUMWA MUKURU

Nimwige uburyo Kristo yakoreshega. Niba harigeze kubaho igihe biba ngombwa ko dusobanukirwa no gukurikiza uburyo Kristo yakoreshega mu myigishirize, ni ikingiki.⁸³

Uko Yahuraga n'Abantu. Niba mwifuza gusanga abantu, mugashyikirana nta mbogamizi, nimubanze mwiyoreshye, imitima yanyu icishwe bugufi imbere y'Imana, maze mwige uburyo yakoreshega. Nituramuka twize kandi tugasobanukirwa n'uburyo Kristo yakoreshega, tuzunguka amabwiriza y'ingenzi tuzajya dukurikiza igihe tuzaba tugiye kubonana n'abantu ngo tuganire na bo. Mu nkuru dusanga mu Butumwa bwiza, handitswemo uburyo yajyaga akoreshega, yigisha ubutumwa mu midugudu no mu mijyi maze abantu benshi bagateranira aho ari ngo bumve inyigisho ze. Yakoreshega amagambo yoroshye kandi yumvikana ku muntu wese. Yavugaga amagambo yuzuye impuhwe n'urukundo. Abumvaga ayo magambo batahaga bemeza yuko inyigisho ze ari ukuri nyako. Gukoreshega amagambo yoroshye kandi yumvikana no gukorana umurava ni byo byakururaga abantu benshi bakaza kumva inyigisho ze.

Umwigisha Mukuru yashyizeho gahunda zikwiriye gukurikizwa mu murimo we. Nimutange igihe cyanyu maze mwige neza, mumenye uburyo yakoreshega. Ibyanditswe bitubwira ko yajyaga aha ahantu akajya ahandi, akurikiwe n'inteko y'abantu bafite inyota yo kumva ijamba rye. Iyo byashobokaga, abamukurikiraga yabajyanaga kure y'imijyi ituwe n'abantu benshi, bagateranira ahantu hatuje. Agasengana na bo, yarangiza akaganira na bo ukuri nyako kuzahoraho iteka ryose.⁸⁴

Mu Masinagogi n'Iruhande rw'Inyanja. "Kristo agenderera ab'i Galilaya, abigishiriza mu masinagogi yabo, ababwira ubutumwa bwiza

⁸³ Letter 322, 1908.

⁸⁴ Review and Herald, Jan. 18, 1912. [Urwibutso n'Integuza].

bw'ubwami, akiza n'indwara zose n'ubumuga bw'abantu." Matayo 4:23. Yabwirizaga mu masinagoga kuko yahasangaga abantu benshi bahateraniye. Yahava akajya hanze kwigishiriza iruhande rw'inyanja n'iruhande rw'inzira nyabagendwa, akabwiriza abahisi n'abagenzi. Ukuri yabwirizaga ntikwagombaga kubwirwa abaje mu masinagoga gusa...

Kristo yashoboraga kuba umwigisha w'ikirenga ufite umwanya ukomeye mu bigisha bakomeye bo mu Bayuda. Ariko yahisemo kujya kubwiriza ubutumwa muri rubanda rugufi. Yavaga ahantu akajya ahandi kugira ngo abatuye iruhande rw'imihanda minini n'imito bagire amahirwe yo kumva amagambo y'ubutumwa bw'ukuri nyako. Uburyo yakoresheye ni bwo ashaka ko abamukorera muri iyi minsi bajya bakurikiza. Ijwi rye ryumvikaniraga iruhande rw'inyanja, mu mpanga z'imisozi no ku duhanda two mu mijyi no mu midugudu, ariho asobanura Ibyanditswe mu Isezerano rya Kera. Nubwo abanditsi n'Abafarisayo babisobanuraga ukundi, ibisobanuro yatangaga byanyuraga abantu, bigatuma baza kumwumva ari benshi. Yigishaga nk'umuntu ufite ubutware, akoresheye amagambo y'ukuri nyako kutajenjetse kandi kutarimo uburyarya nk'ubw'abanditsi n'Abafarisayo. Yabwirizaga ubutumwa bw'agakiza akoresheye amagambo yumvikana kandi afite imbaraga.⁸⁵

Yari Afite Uburyo bwe Yihariye. Yajyaga ajya kwizihiza iminsi mikuru ngarukamwaka y'Abayuda, maze akabwira inteko y'abantu babaga baje muri iyo mihango ibyerekeye ijuru maze bakarangamira ubugingo buhoraho. Yahaga umuntu wese ubutunzi avanye mu kigega cy'ubwenge mvajuru. Yakoresheye imvugo yumvikana ku buryo umuntu wese yasobanukirwaga n'inyigisho ze. Ubwo buryo bwe bw'umwihariko bwatumaga ahumura abantu bafite agahinda n'ishavu. Impuhwe n'ubugwaneza byamurangaga mu murimo we byatumaga akiza abantu indwara y'icyaha, akabongeramo imbaraga.

Umwigisha w'abigisha yabonaga abantu bo kubwirizwa ubutumwa abasanze mu mahuriro yabo cyangwa aho bateraniye. Yababwirizaga ukuri nyako mu buryo bufatika kandi bwumvikana ku buryo ababaga bamuteze amatwi byabashimishaga, bikabatera guhindura imyumvire, bagasabana, bakarangwa n'impuhwe kandi bagahora babyibuka. Yigishaga neza ku buryo ababaga bamuteze amatwi basobanukirwaga na kamere ye ndetse n'imico ye, babifitiye ubwuzu kandi bibanejeje. Inyigisho ze ntizacaga ku ruhande ngo zirarye abantu; imfashanyigisho ze zabaga zibereye icyigisho mu buryo bwuzuye, amagambo ye yabaga yuzuye impuhwe n'urukundo ku buryo ababaga bamuteze amatwi bashimishwaga no kumwumva, bagatwarwa n'ibyo avuga. Ukwicisha bugufi n'umurava yagiraga iyo yabaga avugana n'abafite ibyo bakeneye byatumaga banezwe n'amagambo ababwira yose.⁸⁶

Yesu Yitegerezaga Indoro y'Abamuteze Amatwi. Ndetse n'imbaga y'abantu akenshi yamukurikiraga, Kristo yashoboraga kuzirikana buri

⁸⁵ Letter 129, 1903.

⁸⁶ Ministry of Healing, pp. 22-22 (1905).

muntu wese uyirimo ku giti cye. Yavuganaga na buri wese ataziguye kandi yakoraga ku mutima wa buri wese. Yitegerezaga mu maso hababaga bamuteze amatwi, akabona kurabagirana ko mu maso habo bityo ibyo bikaba ikimenyetso cyihuse cyerekana ko ukuri kwageze mu bugingo bwabo, maze mu mutima we naho hakumvikana gusābwa n'ubwuzu n'umunezero.⁸⁷

Yararikiraga Agakiza Ikiiremhamuntu Cyacumuye. Umuntu uwo ari we wese, nubwo yacumuye, yamubonagamo ko ari umwana w'Imana ukwiriye kuzahurwa akongera kugira amahirwe yo kugirana isano n'ijuru.⁸⁸

Koroshya Amagambo, Kuvugisha Ukuri no Gusubira mu Magambo. Imyigishirize ya Kristo yarangwaga n'imvugo n'amagambo yoroshye. Yigishaga nk'umuntu ufite ububasha. Abayuda bari bategereje ko kuza kwe kwa mbere azaza mu cyubahiro nk'umwami, nk'uko azaba ameze mu kugaruka kwe. Umwigisha Mukuru yabwirije abantu ubutumwa bw'ukuri nyako abenshi muri bo batashoboraga kwigira mu mashuri y'idini y'Abayuda ndetse no mu bwenge bw'Abagiriki. Yesu yabwirizaga ubutumwa bw'ukuri, ashize amanga, avugisha ukuri, agahembura abacitse intege kandi ubutumwa bwe bukaza bufite ireme kandi bugashimisha abantu bose. Iyo aza kuvugana ijwi rirenze urugero, akabwiriza nka bamwe mu babwiriza benshi dufite muri iki gihe, ubunyampuhwe n'uburyohe bw'ijwi rya muntu ntibyari kongera kumvikana, n'imbaraga z'ukuri kw'ijambo rye zikabura...

Mu myigishirize ye, ntiyateruraga ibintu byose icyarimwe, yatangiraga avuga bike atinya ko kubivugira rimwe byatera urujijo abamuteze amatwi. Yasobanuraga buri ngingo ku buryo buri wese yabisobanukirwaga. Ntabwo yigeze akerensa uburyo bari baramenyereye bwakoreshwaga mu gusubira mu mahame no mu buhanuzi; iyo yabonaga byatuma agera ku ntego z'icyigisho cye.⁸⁹

Yashimishaga Intiti zo ku Isi. Nubwo Umwami wacu yavuze ukuri nyako gukomeye mu mvugo yoroshye kandi yumvikana, kwari kwambitswe umwenda ufite ubwiza budasanze ku buryo ubwo bwiza bwashimishaga abantu bose ndetse n'abantu b'intiti bakabutangirira. ...

Mu rwego rwo gushimangira agaciro n'akamaro k'urukundo, impuhwe n'uburyo Imana yadukunze, Yesu yaciriye abantu umugani w'umwana w'ikirara. Yagaragaje ko nubwo abana b'Imana bazarorongatana, bakava kwa Se, nibaramuka bahindukiye, bakihana ibyaha, azabakirana ibyishimo nka wa mubyeyi wishimiraga umwana we wari warazimiye, igihe yamubonaga agarutse imuhira.⁹⁰

Abana Basobanukiwe n'Inyigisho. Uburyo Kristo yakoresheye mu kwigisha bwari bunonosoye ku buryo nta bugororangingo wari gushyiraho.

87 Uburezi, pp. 242,243.

88 Uburezi, p. 81.

89 Manuscript 25, 1890.

90 Manuscript 132, 1902.

...Amagambo y'ubugingo yayavugaga mu mvugo yoroshye ku buryo n'umwana yabisobanukirwaga nta ngorane. Abagabo, abagore n'abana bishimiraga uburyo asobanura byanditswe Byera, ku buryo bafataga ijwi rye ugasanga bimenyereza kuvuga nkawe. Urubyiruko rwanyuzwe n'imyigishirize ye rwiyezeza kuzamukurikiza, bakazajya bunganira abantu babaga bakeneye ubufasha.⁹¹

Yigishaga Ukuri Akoresheje Interamatsiko y'Agaciro. Imyigishirize ya Kristo yari itandukanye n'iy'ababwiriza bo muri iki gihe. Yubakaga ikibwirizwa gishingiye ku kuri, akinjizamo umugani w'imfashanyigisho. icyigisho cyeyagishiriraga ku kuri, yifashisha umugani w'amabuye y'igaciro, ayagereranya n'ukuri nyako ko mu Byanditswe Byera. Yerekana uko umwanzi ashimuta ukuri nyako akakwiyitirira maze akakuvanga n'ikinyoma. Yagaragazaga ukuri kw'agaciro gakomeye, ku buryo abakumvaga kwabanyuraga bikomeye.⁹²

Kristo Yakungahazaga Ubutumwa. Iyo Kristo yamaraga kubwiriza abantu ukuri, igihe cyose yatangaga umwanya wo gusubiza ibibazo bamubajije, kandi akabisubiza mu kuri. Iyo abigishwa be bazaga kumusaba ibisobanuro by'amagambo yavuze yigisha inteko y'abantu, yasubiraga mu cyigisho yigishije abyishimiye kugira ngo barushaho gusobanukirwa.⁹³

Kristo Yareshyaga Imitima kubwo Urukundo. Urukundo Kristo yakundaga buri wese ni rwo rwatumaga areshya imitima y'abamwumvaga, kugeza ubwo na bo barwimenyereje, bagakundana. Yababwiraga ukuri kose kwerekeye ubwami bw'Imana. Natwe dukwiriye guhuza ikibwirizwa cyacu n'igihe abantu tubwiriza ubutumwa barimo, tukabasanga aho bari. Igihe dukeneye kwigisha abantu amategeko y'Imana, ntitugomba kwibagirwa ko urukundo, urukundo rwa Kristo gusa, ari rwo mbaraga yonyine ishobora koroshya imitima y'abantu, rukabayobora no ku kumvira nyako.⁹⁴

Kristo Yakomerezaga Abantu mu Kuri. Umwigisha Mukuru yafataga mu ntoki ikarita yanditsweho ukuri nyako kose, ariko ntiyigeze aguhishurira abigishwa be kose uko kwakabaye. Yababwiraga gusa ibintu by'ingenzi bakeneye kugira ngo babashe gukomeza inzira igana mu ijuru. Yari afite ibintu byinshi byerekeye ubwenge bwe bitabaye ngombwa ngo abibabwire.

Hari ibintu byinshi Kristo yakinze abigishwa be kubera ko batari kubisobanukirwa. Natwe ni uko, hari ibyo ataduhishurira kubera ko tutashobora kubisobanukirwa, kuko azi aho ubushobozi bwacu bugarukira.⁹⁵

Kristo Yagiranaga Ibiganiro n'Abantu ku Giti Cyabo. Umurimo wa Kristo wari ugizwe ahanini n'ikiganiro yagiranaga n'umuntu ku giti cye.

91 *Counsels on Health*, pp. 498, 499 (1914).

92 *Manuscript* 104, 1898.

93 *Letter* 164, 1902.

94 *Review and Herald*, Nov 25, 1890. *Urwibutso n'Integuza*

95 *Manuscript* 118, 1902

Yahaga agaciro cyane umwanya wo kubanza kwigisha umuntu umwe, hanyuma wa muntu akajyana ubutumwa mu bantu ibihumbi byinshi, akabagezaho ubwenge yungutse.⁹⁶

Kristo Yabwirizaga Ubutumwa mu Minsi Mikuru. Iyo Kristo yatumirwaga mu minsi mikuru, yitabiraga ubutumire, kugira ngo igihe abantu bicaye, abonereho akanya ko kubiba imbuto z'ukuri nyako mu mitima y'abatumirwa. Yari azi ko izo mbuto zibibwe zitazazimira ahubwo ko zizamera, zigatanga umusaruro. Yari azi neza ko abantu bamwe mu bamwicaye iruhande bazakira ubutumwa, bakemera kurarika kwe, ababwira ati, "Nkurikira." Twebwe twifitiye amahirwe yo kwiga uburyo Kristo yakoresheye yigisha, aha ahantu akajya ahandi abiba imbuto z'ukuri nyako.⁹⁷

Uko Kristo Yakoraga Gahunda yo Gukurikirana Abumvise Ubutumwa. Kristo yatumaga abigishwa be, bakagenda babiri babiri, bakajya ahantu gukora umurimo, hanyuma akazajya kuhasura ngo arebe uko umurimo uhagaze.⁹⁸

Mbese Uburyo Kristo Yakoresheye Bwari Bwiza? Nyiringabo Umutegeka w'ijuru n'isi yavaga ahantu akajya ahandi agendesha amaguru, yigisha abantu abatuye ku mihanda, abari iruhande rw'inyanja n'abari mu mpinga z'imisozi. Ubwo buryo bwatumaga yireherezaho abantu. Mbese turakomeye kurenza Umwami wacu? Mbese uburyo yakoresheye yigisha bwari bwiza? Twaba twarigeze gukora umurimo tugakoreshe imvugo yoroshye ariko tutazi icyo dukora? Nyamara Kristo aratubwira ati: "Ntabwo murasobanukirwa n'icyo cyigisho nk'uko bikwiye." Aratubwira ati: "Mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima; namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu; kuko kunkorera bitaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye" (Matayo 11:29).⁹⁹

Kubakira ku Murimo wa Kristo Tukanonosora Umurimo w'Ivugabutumwa. Umurimo wakorwaga n'abigishwa ba Yesu wagombaga kuba utunganye kandi unonosoye binyujijwe mu bwitange n'umurava bagaragaza babwiriza abandi Ijambo ry'Imana bahawe, no mu mabwiriza yihariye bahabwaga na Kristo yerekeye umurimo bakoraga. Yabahaye urugero rufatika mu mibereho ye, urwo rugero ni rwo bagombaga kujya bakurikiza kugira ngo babashe kubahiriza amabwiriza abaha. Ntibagombaga kunyuranya na yo. Bagombaga guhishurira abandi ukuri nyako babinyujije mu mico yabo no mu masengesho yabo afite ireme yerekana imibereho nyakuri ya Gikristo. Ibi byagombaga kuba bitandukanye n'iby'idini y'Abafarisayo n'Abasadukayo. Bagombaga kurarikira ababateze amatwi kwakira no guharanira ukuri nyako gukomeye bagombaga guhishurirwa.

96 *Review and Herald*, May 9, 1899

97 *Manuscript* 113, 1902.

98 *Manuscript* 19, 1910.

99 *Letter* 140, 1898.

Bagombaga guca icyuho mu mihango maze Umwuka w'Imana akinjira mu mitima y'abantu, akayibera umuyobozi.¹⁰⁰

GAHUNDA YO KWAGURA UMURIMO W'IVUGABUTUMWA

Ubu ni Igihe cyo Gukora Umurimo Tutajenjetse. Kristo arahamagara abantu bose, abo mu bihugu byose, amoko yose n'indimi zose ngo bahaguruke, bamamaze ukuri k'ubutumwa bwiza. Iki ni igihe cyo gukora umurimo mu mijyi tutajenjetse, tukawukora ahantu haba harirengagijwe n'ahataragera ubutumwa.¹⁰¹

Igenamikorere Ishyize mu Gaciro. Umurimo ukoranywe umwete n'ubwitonzi ni wo ukenewe muri iki gihe. Muri iki gihe cy'akaga kugarije isi, nta kwitanga by'igice bishobora gutanga umusaruro. Turararikwa ngo twambare nk'abahigi b'umwuga, maze duhige ubugingo bw'abantu, tuburinde kuzatikirira mu mijyi. Dukwiriye gutegura igenamikorere y'imirimo dushyize mu gaciro, tukayitegurana ubushishozi kugira ngo uwo murimo uzashobore gutanga umusaruro utubutse.¹⁰²

Turahamagarirwa Gutangirira Imuhengeri. Hariho abantu batekereza ko inshingano yabo ari ukubwiriza ubutumwa bw'ukuri nyako ariko ntibatinyuke kuva ku nkombe y'uruzi ngo bajye kuroba amafi imuhengeri. Usanga bahitamo kuvuga ubutumwa mu matorero, bava ku itorero bajya ku rindi, bagahora muri ibyo, ntibatinyuke kujya gukora umurimo ahantu hataragera ubutumwa. Batanga imimuriko myiza, bakavuga ko bagize ibihe byiza, ariko umurimo wabo ugasanga nta musaruro w'abihannye utanga ku buryo bugaragara. Abo babwirizabutumwa baroba amafi ku nkombe, ahantu habegereye. Barakangurirwa kujya imuhengeri, maze bakajugunya inshundura zabo aho amafi aboneka. Nta kibuze kugira ngo uwo murimo ukorwe. Abakozi benshi bakenewe mu ruzabibu rw'Uwiteka, aho kugirango hakore umuntu umwe.¹⁰³

Inshingano y'Abayobozi. Ndibariza abayobozi bafite inshingano yo kuyobora umurimo wacu nti: Ni kuki hari ahantu henshi hatitaweho? Nimwitegereze imijyi n'imidudugu itarakorwamo umurimo. Muri Amerika hari imijyi itarakorwamo umurimo. Si mu Majyepfo gusa, no mu Majyaruguru ntiharabwirizwa ubutumwa. Muri buri mujyi wo muri Amerika hakwiriye kuba urwibutso abantu bibukiraho Imana Rurema. Ndetse navuga n'ahandi henshi hatararasirwa n'umucyo w'ukuri nyako kwaturutse ku Mana. Abamarayika b'Imana bategereje abantu bitangira kuba ibikoresho ngo bajyane ahantu, hataragera ubuhamya bwerekeye ukuri nyako kwagenewe twebwe abo muri iki gihe.¹⁰⁴

Nimugeze Ubutumwa Ahantu Hashya – Mushinge Ibigo Bishya. Nimwigishe abakozi bashya, maze mubohereze gukora umurimo mu baturage

100 *Review and Herald* May 1, 1898. Urwibutso n'Integuza.

101 *Review and Herald*, June 23, 1904. [Urwibutso n'Integuza].

102 *Review and Herald*, Sept. 27, 1906. [Urwibutso n'Integuza].

103 *The True Missionary*, February, 1874.

104 *Review and Herald*, Dec. 30, 1902, [Urwibutso n'Integuza].

baturiye imihanda minini n'abari mu midugudu. Dukeneye abaforomo n'abaforomokazi benshi bazi ubwenge, bazajya gutera ibiti mu midugudu itandukanye kugira ngo babihe amahirwe yo gukura neza. Abakozi b'Imana bafite inshingano nziza yo kujyana ubutumwa kure, mu tundi turere. Nimutyo dukoreshe imbaraga zacu, tugeze ubutumwa ahantu hashya, maze tuhubake ibigo bishya by'ivugabutumwa, aho abaturage baho bazajya bafashirizwa.¹⁰⁵

Dukwiriye Kugera Hirya y'Ibigo Biruhije. Nkatwe abahawe inshingano yo kubwiriza abantu ukuri kw'Imana, dukwiriye kwibuka ko hari ahantu twabaye indangare n'abatizerwa mu murimo. Umurimo wakoze mu mijyi mike gusa, kugeza ubwo abaturage bayo bahaga ubutumwa, bagakurizamo kwinangira. Ntabwo byoroshye kubona ubutumwa bushobora guhindura imyumvire y'abantu babwirijwe ukuri nyako igihe kirekire, bageraho bakabuzinukwa. Hari ahantu hake hakoze umurimo ndetse ukaba waragutse, mu gihe hari imijyi myinshi cyane yatereranywe, itaragezwamo ubutumwa bw'imbuhi.

Muri ubwo bukererwe, ni twe dutungwa agatoki. Mbese twaba twarakoresheje imbaraga zacu zose kugira ngo tugere kuri abo bantu bari gushobora kugaragaza ukuri nyako muri bene wabo iyo turamuka tubabwirije ubutumwa? Iyo turamuka dukoranye umwete n'umurava, mubona umurimo wacu uba ugeze he muri iki gihe? Ntabwo ari byiza kubona ahantu hake gusa hagira amahirwe yo kubwirizwa ubutumwa, mu gihe hari ahandi hirengagijwe.¹⁰⁶

Gukora Igenamigambi y'Ahanu Hashya Mbere y'Igihe. Ooh! Mbega ukuntu nsa n'uwumva ijwi ku manywa na nijoro rimbwira riti: "Nimujye mbere, mwongereho akarere gashyashya, nimukinjiremo maze muhashinge amahema, mubwirize abantu baho ubutumwa buheruka bw'imbuhi bwagenewe abatuye isi. Iki gihe ni ingenzi, ntidukwiriye kukirangaraho. Nimwubake urwibutso rwanjye ahantu hose muzagera. Umwuka wanjye azabarangaza imbere kandi icyubahiro cy'Uwiteka ni yo ngororano ibateganyirijwe."

Hari imijyi myinshi iri hirya ya hano ikwiriye kuzabera amateraniro makuru mu mwaka utaha. Iyi ni gahunda y'Imana yashyiriweho kugira ngo haboneke ubundi buryo bwakoresheye mu gukora umurimo wayo. Abantu bahawe umucyo bakaba bawumanywe imyaka myinshi, bakwiriye kwinjira mu turere dushya bakahashinga amahema, bakayobora amateraniro makuru. Ariko na bo bakeneye guhinduka kuko batihutisha umurimo ngo Ijambo ry'Imana rigere aho ryagombaga kugera.¹⁰⁷

KUJYA MBERE MU BYO KWIZERA

Tujye Mbere mu Kwizera – Amikoro Azaboneka. Mbese dushobora gutegereza ko abaturage bo muri icyo mijyi bazaza bakatubwira bati:

¹⁰⁵ Manuscript 11, 1908

¹⁰⁶ Letter 132, 1902

¹⁰⁷ Letter 174, 1900.

"Nimuza iwacu mukahabwiriza ubutumwa, tuzabafasha muri ibi n'ibi?" Nta kintu na kimwe bazi cyerekeye ubutumwa bwacu. Imana irashaka ko tureka umucyo wacu ukagaragara imbere y'abantu kugira ngo Mwuka Wera wayo ashyikirane n'abantu, ngo babashe gushyira mu gaciro, bafite inyota yo gushakashaka ukuri nyako. Nidukurikiza izo ngamba, tuzabona amikoro asesekaye hano, yiyongere mu butunzi dusanganywe, maze tubone amikoro ahagije yo kujyana ubutumwa ahatuberaga kure, maze abantu benshi bagerweho n'ubutumwa bw'imbuzi.

Mbese turamutse tugize amadolari ibihumbi n'ibihumbi runaka, ntitwagira kwizera tukagira icyo dukora? Nta na kimwe cya kabiri cyo kwizera dufite. Nimutyo turangize uruhare rwacu, tuburire abantu batuye muri iyo mijyi, abantu benda kurimbuka gusa, bagapfa bataburiwe kandi badakijijwe. Mbese koko dukwiriye gukomeza gutinda! Uko tuzarushaho kujya mbere, ni ko amikoro azajya aboneka. Ariko dukwiriye kujya mbere dufite kwizera, twiringira Umwami Imana ya Isirayeli.

Nta joro na rimwe njya ntsinzira ntahagaritswe umutima n'umutwaro nikoreye kubera iriya mijyi yenda kurimbuka itaraburirwa. Ijoro ryose ndara nsenga, singire na rimwe nsiba, ngerageza kugoragoza ngo ndebe ko haboneka uburyo bwatuma twinjira muri iriya mijyi, tukabagezaho ubutumwa bw'imbuzi. Ni kuki hari abantu benshi bataraburirwa ngo bakizwe? Dukwiriye kujya i Burasirazuba, i Burengerazuba, mu Majyepfo no mu Majyaruguru, tugakorana ubwenge, maze tukaburira abantu batuzengurutse. Nidutangira gukora uyu murimo dutyo, tuzabona agakiza gaturutse ku Mana kandi inkunga zizisukiranya.¹⁰⁸

Kurikira Amahirwe Imana Yatugeneye. Iyaba twakurikiraga amahirwe Imana yatugeneye, twashoboraga gutahura ahantu dukwiriye gutangirira umurimo maze tukabyaza umusaruro ubukungu bwacu. ... Abantu bafite ubwoba bwo gupfa gukora umurimo ukomeye utyo bizirika ku mutungo bafite, bagatinya ko gukoresha umutungo wabo byaba ari ugupfusha ubusa kuko nta musaruro uzavamo. Mbese byagenda bite turamutse dukoresheje uwo mutungo, maze ba bantu ntubakize? Mbese byagenda bite turamutse duhombye umugabane runaka w'umutungo wacu? Ikirushaho kuba cyiza ni uko twakora umurimo; uwo mutungo dufite tukawukoresha aho kwiycarira tutagira icyo dukora. Nimubagarire yose, kuko mutazi irizera iryo ari ryo.

Abantu bashora imari yabo mu bucuruzi ndetse bakagura ipatanti ariko igihombo kikaba kinini, ibyo bigafatwa nk'ibintu bisanzwe. Ariko mu murimo w'Imana abantu batinya gupfa gushora umutungo wabo batazi ko hazavamo umusaruro. Kuri bo bigaragara nk'aho amafaranga atanzwe azaba ari igihombo, kuko atazaherako abyara inyungu mu gihe atanzwe gukora umurimo wo gukiza ubugingo bw'abantu. Uwo mutungo w'intica ntikize ushorwa mu murimo w'Imana, kandi ugatanganwa ubwikanyize budashira, mu gihe gito kigiye kuza, uzamenagurwa, uhinduke ivu kimwe

108 Manuscript 53, 1909.

n'ibindi bigirwamana byose, maze uhinduke nk'amabyegegeri y'ifuku n'ay'agacurama. Bidatinze ifaranga rizata agaciro igihe abantu bazaba bamaze gusobanukirwa n'agaciro k'ubutunzi buzahoraho.

Imana izironkera abantu bayo bazemera gutanga ikintu cyose bazaba bafite kugira ngo umurimo w'Imana ukorwe, bityo ubugingo bw'abantu bukizwe. Abantu baziycarira aho, ntibashake gutera intambwe bajya imbere, bagategereza ko ibintu bigenda neza, bigaramiye, ntibazagira n'ishyaka ryo kugira icyo bakora muri iki gihe cyatuma umurimo wo kubwiriza abantu ukuri kw'Imana ujya mbere. Ubu hakenewe abakozi b'intwari bazatwarana, bagakinagira mu mwijima nk'abamurikiwe n'umucyo, abakozi bazahagarara gitwari igihe bazaba bahuye n'ibibaca intege cyangwa izindi nzitizi zigambiriye kubatesha ibyiringiro. Hakenewe abakozi bazasohora imbuto, bakazitera babogoza amarira ariko bafite ibyiringiro no kwihangana, bakabiba mu nkuka z'imisozi yose kandi bafite ibyiringiro mu Mana yuko izabaha umusaruro utubutse. Imana irararika abantu b'intwari, buzuye ibyiringiro, bafite ukwizera kandi bihangana kugira ngo bakore uwo murimo.¹⁰⁹

Ba Inyunganizi mu Murimo. Muri ibi bihe birangwa n'akaga n'amakuba ntitwari dukwiriye kugira ikintu na kimwe twirengagiza cyashobora kuburira abantu. Twari dukwiriye gushimishwa byimazeyo no gukora ikintu cyose cyatuma abantu baca ukubiri n'icyaha.¹¹⁰

Si ku bw'Imbaraga Zacu Bwite. Bene Data dusangiye umurimo, ndabararika. Nimuhaguruke maze mwinjire mu murimo w'Imana. Hari ubugingo bw'abantu benshi bugiye kurimbuka nyamara bwari kuzakizwa muramutse muhirimbaniye gukorana umurava kugira ngo umurimo mukora urushaho kugenda neza. Ibunaka _____ hari umurimo ukomeye dukwiriye gukora Bigaragara ko mu itangira, umurimo ugenda buhoro kandi mu buryo buruhije; ariko Imana izakora umurimo wayo, ibagize umuyoboro w'imbaraga zayo, nimuramuka muyiyeguriye. Ibihe byinshi bizaba ngombwa ko mugendera mu kwizera aho kwiyumvamo ko hari icyo mushoboye. ...

Aho mwaba muri hose, uko muzaba mugerageza gukora umurimo kose, muzirinde kuvuga amagambo y'urucantegere. Bibiliya yuzuye amasezerano. Mbese ntimushobora kwizera ayo masezerano? Igihe dusohotse gukora umurimo wo gukiza ubugingo bw'abantu, ntabwo Imana iba ishaka ko dukoresha imbaraga zacu kuri urwo rugamba. Ibyo bishatse kuvuga iki? Bishatse kuvuga ko tudakwiriye kujya kuri urwo rugamba twambaye imbaraga zacu bwite, kuko Imana yasezeranye mu Ijambo ryayo ko izagenda natwe.¹¹¹

Dukore nk'uko Twakoraga mu Minsi ya Mbere. Nimutyo dukurikize itegeko ry'Imana, yaravuze iti: "Nimugende kandi mwirinda gusubira

109 *The True Missionary*, Jan. 1874.

110 *Letter* 49, 1902.

111 *Historical Sketches*, pp. 128, 129 (1886).

inyuma.” Tugitangira umurimo twakazaga umurego iyo twabaga duhuye n’ibigeragezo n’igihe byasaga nk’aho bidashoboka. Tuzi neza ikiguzi cyatanze kera kugira ngo imigambi y’Imana isohore, ikiguzi cyatumye tugira amahirwe yo kuba ubwoko bw’abantu, abo turi bo. Nuko rero buri muntu wese akwiriye kwitonda bidasanzwe, akirinda gushidikanya ibintu Imana yereje kugira ngo bidukungahaze kandi bitume tubasha guteza imbere umurimo wayo.¹¹²

Nimureke Imana Yishakire Umusaruro. Urubuto rwabibwe rushobora kugwa mu butaka bukonje, bwabaswe n’iby’isi, burangwa n’umutima w’ubugugu, ntibugire ikimenyetso na kimwe cyerekana ko rwashora imizi. Ariko uko Mwuka w’Imana akomeza gukorera muri uwo mutima, agatonyangirizamo ibitonyanga by’amazi mvajuru, bigeraho rwa rubuto rwari rwihiye rukamera, rugakura maze rukera imbuto zihesha Imana icyuhabiro. Mu murimo dukora ntabwo tuba tuzi urubuto ruzera cyangwa se urutazera. Ibyo bibazo si ibyacu, twebye abantu bapfa, ntidushobora kubibonera ibisubizo. Dukwiriye gukora umurimo twahamagariye maze iby’umusaruro tukabiharira Imana.¹¹³

Nimutyo Dufashe Amatorero Akora. Buri konferanse yaba nto cyangwa nini, ifite inshingano yo gukora umurimo ikiranuka, igashishikariza abantu kwitegura kugaruka kwa Kristo. Amatorero agize Konferanse afite ubushake bwo gukora kandi akeneye ubufasha bwo kugira ngo ashobore gukora neza. Reka umukozi wese wa konferanse akanguke kandi yagure umurimo maze bitume konferanse yabo izamuka kugira ngo ihinduke ikigo gituma umurimo w’Imana ukuza amajyambere. Reka buri mwizera wese wo mu itorero ahinduke umukozi w’umunyamwete uteza imbere inyungu z’iby’umwuka. Reka abagabura bacu bakore uruhare rwabo barangwa n’urukundo, basenga bicishije bugufi, kandi bakore umurimo batawudebekeye.¹¹⁴

Ukuboko kw’Imana ni ko Kuyoboye Uruziga. Imbere y’abafite inshingano mu murimo w’Imana hari akaga gateye ubwoba. Gutekereza kuri ako kaga bitera guhinda umushyitsi. Ariko Ijambo ry’Imana ryanjeho rigira riti, “Ukuboko kwanjye ni ko kuyoboye uruziga. Muri iyi minsi iheruka, ntabwo nzakunda ko abantu bayobora umurimo wanjye. Ukuboko kwanjye ni ko kuyobora uruziga kandi uburinzi bwanjye buzakomeza kubaho kugira ngo imigambi y’ijuru isohozwe uko yateguwe kandi isohozwe mu buryo buhabanye n’imigambi y’umwana w’umuntu.” ...

Mu murimo ukomeye uzaheruka tuzahura n’ibintu biteye ubwoba tutazashobora kumenya uko tubyifatamo, ariko ntidukwiriye kwibagirwa yuko hari imbaraga eshatu zikomeye zo mu ijuru ziriho zikora umurimo wazo kandi tujye tuzirikana ko ukuboko kw’Imana ari ko kuyobora uruziga kandi ko Imana izasohozza imigambi yayo.¹¹⁵

112 Letter 32, 1892.

113 Testimonies, vol. , 3, p. 248 (1872)

114 Manuscript 7, 1908.

115 Manuscript 118, 1902.

Tuzatoneshwa Kugeza Igihe Umurimo Uzarangirira. Isi ikeneye kuburirwa. Nimube maso, mutegereze kandi musenga, mukora kandi mwirinda amakimbirane n'ubwibone. Mwirinde ikintu cyose cyakurura akarengane muri mwe, ahubwo muharanire kukarwanya. Mureke umucyo n'imirasire y'izuba biva kuri Zuba ryo Gukiranuka birasire mu mwijima w'imatekerereze. Haracyariho umurimo ukomeye utarakorwa. Dukwiriye gukoresha imbaraga zacu zose kugira ngo twereke abantu Kristo nk'Umukiza ubabarira abantu ibyaha, tukerekana Kristo nk'uwikoreye ibyaha byacu, tukerekana Kristo nk'umucyo n'inyenyeri yo mu ruturuturu; ibyo bizatuma Uwituka adutonesha imbere y'amahanga kugeza ubwo tuzarangiza umurimo.¹¹⁶

IBWIRIZABUTUMWA RYO KU RWEGO RWO HEJURU

Ishema Risobetse Ibakwe no Kwiyoroshya mu Murimo. Abantu bakora umurimo w'Imana mu mijyi bakwiriye gukorana umutuzo, kudatezuka kandi bagakorana imbaraga zose bigisha abantu. Mu gihe bararikirwa gukora umurimo bashyizeho umwete ngo bireherezeho ababateze amatwi, bakwiriye kubikorana ubwitonzi kugira ngo birinde ikintu icyo ari cyo cyose cyo gushitira abantu no kwiyerekana bidasanze. Muri iki gihe kirangwa no gusesagura no kwigaragaza, igihe abantu batekereza ko ari ngombwa kwiyerekana kugira ngo bemerwe, intumwa zatoranyijwe n'Imana zikwiriye kugaragariza abantu ingaruka ziterwa no kwaya umutungo ku bintu bitari ngombwa. Uko bazajya bakora umurimo biyoroheje kandi bicisha bugufi, bakorana ishema ryuzuye ibakwe kandi birinda ikintu cyose cyatuma ubutumwa buhinduka nk'ikinamico, umurimo wabo uzahora urangwa n'ubwiza.

Ni iby'ukuri, hari igihe biba ngombwa gukoresha amafaranga menshi. Ibyo bikorwa igihe cyo kwamamaza amateraniro n'igihe cyo kwihutisha umurimo mu buryo budasanze. Hari imbaraga buri mukozi wese azajya yishingikirizaho, aho kwishingikiriza ku bitekerezo byo hanze, ahubwo bakishingikiriza ku buyozi bw'Imana bakayisengana umwete ngo ibafashe kandi bakubaha Ijambo ryayo. Umuco wo kurushaho gusenga, wo kurushaho gusa na Kristo, wo kurushaho gukurikiza ubushake bw'Imana ni wo ubereye kwinjirana mu murimo w'Umwami Imana. Gukora ibintu ngo wigaragaze no kwaya umutungo ni ibikorwa bitazatuma turangiza umurimo tugomba gukora.

Dukwiriye guteza imbere umurimo w'Imana dukoresheje imbaraga zacu zose. Kubera iyo mpamvu, dukeneye kubatizwa na Mwuka Muziranenge. Dukwiriye gusobanukirwa yuko Imana izongera ku rutonde rw'ubwoko bwayo abantu bafite ubwenge n'ubushobozi bwo kwireherezaho abandi bazagira uruhare mu murimo wo kuburira abatuye isi. Ariko abatuye isi si ko bose bica amategeko kandi si ko bose bakora ibyaha. Imana ifite abantu ibihumbi byinshi batigeze bapfukamira Baali kandi mu matorero yayobye inzira harimo abagabo n'abagore batinya Imana. Iyo

bitaza kuba bityo, ntitwari guhabwa ubutumwa bwo kuburira abatuye isi ngo "Iraguye, iraguye Babuloni ikomeye." "Bwoko bwanjye nimuyisohokemo." Ibyahishuwe 14:8. Abantu benshi bafite gukiranuka mu mitima yabo bariho barahumeka umwuka w'ubugingo uvuye mu ijuru. Igihe ubutumwa bwiza buzaba bubagezeho, bazabubwirwa n'uko ari nta kizinga bufite kandi butarimo amakabyankuru ahubwo buteye nk'uko Ijambo ry'Imana riri.¹¹⁷

Misiyoni Nshya zo mu Mijyi Zikeneye Abakozi Bazi Icyo Bakora. Abakozi bamenyerereye akazi ni bo bakwiriye koherezwa gukora ahantu hashyashya. Bakeneye guhora bahugurwa kugira ngo badatezuka ku murava n'ishema ryo gukora umurimo w'Imana. Dukwiriye guhora twibuka ko abamarayika bacumuye bahora barekereje ngo nibabona akito bahereke badufate mpiri.

Imijyi Ikeneye Gukorwamo Umurimo. Imbere yacu hari igihe cy'urubanza rukomeye. Kubera iyo mpamvu, nta muntu ukwiriye kwishyira hejuru afite ibyo yirata. Ni cyo gituma abaharanira guhabwa ikamba ry'ubugingo ari na bo baharanira gukurikiza amategeko. Ubushobozi bwacu bwose n'imbaraga zacu zose bikwiriye gukoreshwa mu murimo wo gukiza ubugingo bw'abantu benda kurimbuka, ubwo ni bwo tuzaba duhindutse abafatanyabikorwa ba Kriso. Ubwenge n'ubushobozi Uwiteka yahaye abagabo n'abagore bizarushaho kwiyongera uko bazajya barushaho kwagura umurimo wo kwamamaza ingoma ye.¹¹⁸

Uburyo Buhanitse, Bunonosoye kandi Bushyira mu Gaciro ni bwo Bukenewe. Kuva kera kose Imana ubwayo ni yo yishyiriragaho uburyo bugomba gukurikizwa ngo umurimo wayo urangire nk'uko biteganyijwe mu mugambi wayo. No muri iki gihe yahaye ubwoko bwayo umucyo mwinshi n'amabwiriza agomba gukurikizwa mu guteza imbere umurimo wayo. Uburyo buhanitse, bunonosoye kandi bushyira mu gaciro ni bwo bukenewe; kandi Imana ishimishwa n'abakozi bakora umurimo wayo bakurikiza imirongo ngenderwaho yishyiriyeho ubwayo.¹¹⁹

Dutegure Gahunda y'Ibikorwa Izira Amakemwa. Mu myaka yose Kristo yamaze ku isi akora umurimo wamuzanye, abagore bashikamye mu byizerwa bagize uruhare rugaragara mu murimo wakorwaga na Kristo n'intumwa ze. Iyo abarwanyaga uwo murimo baza kubona mu myitwarire y'abo bagore ikintu cyose gihabanye n'iyo gahunda, byari gutuma umurimo uhagarara ako kanya. Ariko kubera ko abo bagore bakomeje gukorana na Kristo n'intumwa ze, umurimo w'Imana wakomeje gukorwa mu buryo buzira amanegu. Nta rwaho rw'ikirego rwigeze ruboneka kuri iyo mikorere. Ibitekerezo by'abakozi b'Imana byari byerekeje ku Byanditswe Byera aho kurangamira abantu ku giti cyabo. Ukuri nyako kwabwirizwaga mu ruhamwe

117 *Testimonies*, vol. 9, pp. 109-111 (1909).

118 *Manuscript* 19, 1910.

119 *Review and Herald*, Sept. 14, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

mu buryo bwa gihanga kandi buzira uburyarya ku buryo buri muntu wese yashoboraga kubusobanukirwa...

Muri ubu butumwa harimo ireme ryingingira abantu kwitegura umunsi w'urubanza. Ntabwo dushobora kwemerera ibikabuzi kutwinjiramo ngo byigaragaze kugeza ubwo byashobora kugwabiza amashyanyifato cyangwa se ubushobozi twari dufite bwo guhindura abantu twifuzaga kugezaho ubutumwa bw'ukuri.¹²⁰

Twirinde Gukoresha Uburyo Butesha Agaciro Umurimo. Nubwo ari byiza gukoresha neza umutungo, ni ngombwa ngo umurimo w'Imana ukomeze gukorwa mu buryo buwuhesha icyubahiro ... Ntimukwiriye gutesha agaciro umurimo w'Imana, ahubwo nimuwureke ukomeze gukorwa nk'uko Imana yabitegetse; ntukwiriye kugendera ku kirangantego cyangwa amatwara y'umwana w'umuntu ahubwo tugomba gukurikiza ikirangantego mvajuru. Inarijye igomba kumirwa n'imbaraga iva muri Yesu Kristo.

Twahombye ibintu byinshi bitewe n'ibitekerezo bya bene Data bitari byiza bishingiye kuri gahunda y'ibikorwa ihiniye bugufi maze batubya umurimo, ukorwa hakurikijwe ibitekerezo byabo n'uburyo bihimbiye. Ingaruka zavutse ni uko ubutumwa bw'imbuze butageze ku bantu bo mu nzego zo hejuru. Mu ntekerezo z'abatizera, umurimo w'Imana wagaragaye nk'aho ari uw'igiciro gito. Abantu bamwe bayobye inzira bitewe n'amahame cyangwa imyigishirize y'idini, bakurikiza inyigisho zibareshya. Abantu benshi bayobye inzira bitewe no gushaka gukoresha uburyo bwa gihanga bwahimbwe n'abantu.

Dukwiriye gukoresha imbaraga zacu zose kugira ngo dukomeze guhesha agaciro umurimo w'Imana. Dukwiriye gukoresha imbaraga zacu zose kugira ngo dushyigikire ubushake bw'abantu bafite inshingano bahawe, ariko tutagize ihame ry'ukuri na rimwe twirengagiza cyangwa se gukiranuka, ahubwo tukemera gukoresha uburyo bwacu bwite ngo tubashe gushyikirana n'abantu. Ni ngombwa gukora uko dushoboye kose gukoresha uburyo bwinshi ndetse n'ubushishozi mu kubwira abantu ubutumwa bw'ukuri nyako.¹²¹

Inyigisho Zizagenzurwa n'Abantu Bakomeye. "Murondora mu byanditswe kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho." Yohana 5:39. Ukuri nyako uko ari ko kose kuzavugwa n'abantu bacu kuzajorwa n'abantu bakomeye bo ku isi bazaba bagejejweho ubutumwa; kubera iyo mpamvu, dukwiriye kubanza gusuzuma imvugo yacu neza n'aho duhagaze kugira ngo turebe ko ibyo twigisha abantu bihamanya n'Ibyanditswe Byera. Ubu birasa n'aho nta muntu witaye ku byo tuvuga cyangwa dukora ariko si ko bizahora. Amashyirahamwe arimo gukora umurimo wo kutugenzura ngo dushyirwe ku karubanda, kandi niba

120 Manuscript 115, 1908.

121 Letter 12, 1887.

inyigisho zacu z'ukuri twigisha zishobora gusesengurwa n'impuguke mu by'amateka cyangwa ibirangirire byo ku isi, maze bakazijora ingingo ku ngingo, ibyo bizakorwa.

Buri wese muri twe agomba kumenya ukuri ku giti cye kandi akaba yiteguye guhamya impamvu y'ibyiringiro dufite bidutera kwicisha bugufi tugatinya, twirinda kwiyeamera, kwirata, no kumva twihagije, ahubwo tukagenda tuyobowe n'Umwuka wa Kristo. Turi bugufi bwo kugera mu gihe buri muntu wese azahagarara ku giti cye agasubiza ibyo yizeye. Amakosa mu by'idini ararushaho kwiyongera kandi yabaye agati gakubiraniye n'imbaraga za Satani ku buryo arushaho kugusha abantu. Amahame yo muri Bibiliya atigeze arwanywa usanga ari make cyane.¹²²

UMUVUGABUTUMWA N'ITSINDA RY'ABANTU BAKORANA

Ivugabutumwa n'Abavugabutumwa. Iyo ntekereje iby'imijyi tutaragezamo ubutumwa ku buryo buhagije, imijyi ikirimo abantu ibihumbi byinshi bakeneye kugezwaho ubutumwa bw'imbuze bwerekeye kugaruka k'Umwami wacu kuri bugufi, numva nifuza cyane kubona abagabo n'abagore bahagurukanye ibakwe bajya gukora umurimo kandi bashorewe n'Umwuka Wera, kandi urukundo rwa Kristo rwasabye imitima yabo, bafite impuhwe ubugingo bw'abantu bugiye gutikira...

Ibitekerezo byanjye ntibitekanye kubera ko muri buri mijyi hari umurimo wo gukorwa. Abakozi bakwiriye kujya mu mijyi yacu minini maze bakahakora amavuna. Muri ayo mavuna, abafite impano bazikoresha maze ukuri nyako kukamenyeshwa abantu bakoresheje imbaraga zabo zose. Abantu bafite impano zitandukanye bakwiriye koherezwa aho hantu...

Uburyo Bushya Bugomba Gukoreshwa. Ubwoko bw'Imana bukwiriye gukanguka bukenywe ibikenewe muri iki gihe barimo. Imana ifite abantu bayo izahamagara ngo bayikorere umurimo. Izihamagarira abantu bayikorera ariko badakorana urutebwe nk'uko byagenze mu bihe byashize. ...

Ubutumwa bugomba gucengera mu mijyi yacu minini nk'uko urumuri rwaka rugurumana. Imana izahagurutsa abakozi bo gukora uyu murimo, kandi abamarayika bayo bazabajya imbere. Ntihakagire umuntu n'umwe wanga kwakira aba bantu b'Imana. Ntimukabakumire. Imana yabahaye umurimo bagomba gukora. Nibajyane ubutumwa mu mbaraga nyinshi kugira ngo imitima y'ababwumva ibashe kwemezwa na bwo.¹²³

Hakenewe Abantu b'Intarumikwa. Ndararika bene Data b'abagabura bacu ngo bite kuri ibi bintu. Nimushyire abagabo b'intarumikwa mu murimo w'ivugabutumwa mu mijyi minini.¹²⁴

¹²² Letter 6, 1886.

¹²³ Review and Herald, Sept. 30, 1902, [Urwibutso n'Integuza].

¹²⁴ Manuscript 25, 1908.

Hakenewe Impano Zitandukanye. Mu materaniro hakenewe abantu bafite impano yo kuvuga bashobora kwireherezaho abantu. Umuntu umwe n'ubwo yaba ari umuhanga ate, ntashobora gukora imirimo yose cyangwa gutanga ubutumwa bwose bukewe aho hantu. Ni byiza ko hatoranywa abantu bafite impano zitandukanye bakaza muri ayo materaniro kugira ngo habeho ubwuzuzanye.¹²⁵

Ni Byiza Guteganya Umuntu wa Kabiri. Imana iteganya ko umurimo wayo ukoranwa imbaraga zidasanzwe. Kugira ngo ahantu hashya hatangizwe umurimo, bisaba amikoro ahagije. Ariko hazakenerwa amafaranga y'ikirenga kugira ngo haboneke umuntu wa kabiri wo gufasha mwene Data. Ayo mafaranga y'ikirenga azaba ari igishoro cy'ingenzi kuko azatanga umusaruro. Bibaye ngombwa ngo nihutishe ubu butumwa kuko nibitagenda bityo, umusaruro uzagerwa ku mashyi. Ndasaba Uwiteka ngo akangure intekerezo zanyu kugira ngo mubashe kumukorera umurimo mukurikije ubushake bwe.¹²⁶

Kuyobora Iteraniro ry'Abantu Benshi. Uwiteka yahaye bamwe mu bagabura ubushobozi bwo kuyobora iteraniro ry'abantu benshi. Uko bazajya barushaho gukora umurimo w'Imana bayitinya, ni ko n'imbaraga zabo zizakoreshwa bikomeye na Umwuka Muziranenge maze imitima y'abantu yakire ubutumwa.....

Imana yampaye ubutumwa bwo gukangura abarinzi. Iherezo ry'ibintu byose riri bugufi. Ubu ni igihe cyo kwemererwamo. Nimureke abapasitoro n'abayobozi ba za misiyoni na Konferense bakoreshe uburyo bwose n'ubuhanga bafite, babwirize abantu benshi bo mu mijyi yacu ubutumwa bw'ukuri. Uko muzajya mukorana umutima wicishije bugufi ni ko n'imitima y'ababwirwa ubutumwa izavamo kwirangira, maze yakire ubutumwa. Iri jambo mbabwiye murifate mu mutwe yuko uko mugeza ubutumwa bwiza bwagenewe abantu muri iki gihe, ni ko imitima yanyu izaherako yoroha bitewe n'imbaraga ya Mwuka Muziranenge, maze imitima y'abantu yakire ubutumwa. Igihe cyose muzaba muhagaze imbere y'imbaga y'abantu mu mijyi, muje mwibuka ko Imana ari umufasha wanyu, kandi kubwo imigisha yayo, muzajya mutanga ubutumwa bufite imbaraga zo gushyigikira imitima y'ababateze amatwi.¹²⁷

Hakenewe Abagabo n'Abagore bo Kwigisha Abantu Ukuri Nyako. Abigisha b'abanyabwenge bagizwe n'abagabo n'abagore, bafite ubushobozi bwo kwigisha ukuri nyako kw'Ijambo ry'Imana mu isi yose, barakenewe mu mijyi yacu. Nimureke abo bigisha bigishe abantu ukuri nyako kutavangiye, kandi bakwigishe batikakaza ahubwo biyubashye.¹²⁸

Pawulo yari Umubwirizabutumwa Utagira Imipaka. Imibereho ya Pawulo yaranze n'ibikorwa byinshi bitandukanye. Yavaga mu mujyi ajya

125 Manuscript 104, 1902.

126 Letter 261, 1902.

127 Manuscript 53, 1910.

128 Review and Herald, Jan. 25, 1912. [Urwibutso n'Integuza].

mu wundi, akava mu gihugu aya mu kindi abwira abantu amateka y'umusaraba wa Yesu, akabwiriza abantu, ubutumwa bukababhindura kandi agahanga amatorero.¹²⁹

Hakenewe Abakozi b'Abanyambaraga kandi b'Intwari. Abagabo n'abagore bafite intege nke ntibakwiriye gutumwa gukora umurimo mu mijyi ituwe n'abantu benshi kandi irangwa n'isuku nke. Nimubareke bakore ahantu ubuzima bwabo butazagira ikibuhungabanya. Bene Data bajya kubwiriza ubutumwa mu mijyi ntabwo bategetswe kuroha ubuzima bwabo mu mibereho yo mu mijyi irangwa n'urusaku, guhora muri jugujugu no mu bintu biteye urujijo, mu gihe hari ahantu habereye hatuje kandi hitaruye.

Abantu batumwe gukora umurimo uruhije kandi w'ibigerageze mu mijyi baba bakwiriye guhabwa agahimbazamusyi gashoboka kose. Ntibakwiriye guhinduka urw'amenyo muri bene Data. Dukwiriye kwita ku bakozi b'Uwiteka bitangiye kujyana umucyo mu bantu barindagirira mu mwijima w'icyaha.¹³⁰

AKAMARO KO GUKORA MURI BABIRI

Yesu Yatumaga Abigishwa be, Abavandimwe Bakajyana. Yahamagaye abigishwa be cumi na babiri, abategeka kugenda babiri babiri bajya mu mijyi no mu midugudu. Nta muntu n'umwe wigeze atumwa ngo agenda wenyine ahubwo yatumaga umuvandimwe akajyana n'uwo bava inda imwe, incuti ikajyana n'incuti ye. Bityo, byatumaga bashobora gufashanya no guterana umwete, umwe akagira inama mugenzi we kandi bagafatanya gusenga. Uwabaga afite imbaraga yunganiraga umunyanteye nke. Hanyuma y'aho, Umukiza yohereje muri ubwo buryo abandi bigishwa mirongo irindwi. Umugambi w'Umukiza wari uko abo yatumaga ngo bigishe ubutumwa bwiza bateranaga inkunga muri ubwo buryo. No muri iki gihe cyacu, ivugabutumwa ryatera imbere cyane turamutse dukurikije urwo rugero yaduhaye. *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 235.¹³¹

Umugambi Imana Ifitiye Umurimo Wayo muri Iki Gihe. Igihe Yesu yoherezaga abigishwa be gukora umurimo... ntabwo bagiye biyumva nk'uko bimeze muri iki gihe, ngo batekereze uko bagiye gukora bonyine, ngo batekereze ko bagiye gukorana n'abantu batigeze gukora bene uwo murimo. Umukiza wacu yari asobanukiwe n'izo mpungenge ni cyo cyatumye atuma babiri babiri. Ntabwo yatumye Yohana ngo amugerekeho uwo bahuje imyitwarire, ahubwo yamuhaye Petero wakundaga guhubuka. Abo bantu bombi ntibari bahuje amatwara haba mu miterere cyangwa mu mikorere. Petero yarangwaga n'ibakwe kandi akagira umwete n'ishyamba mu murimo, ntiyakorwaga mu jisho, akaba intagondwa kandi ibihe byinshi yahoraga yiteguye kuvusha amaraso. Naho Yohana yari umuntu ucisha make, wahaga agaciro ibitekerezo by'abandi, ntiyatsimbararaga kandi

129 *Gospel Workers* pp. 58-59 (1915).

130 *Letter* 168, 1909.

131 *Letter* 168, 1909.

yagiraga inama bagenzi be. Bityo, inenge z'umuntu umwe zatwikirwaga n'imico myiza ya mugenzi we.

Ntabwo Imana yashyizeho iyi gahunda nk'itegeko, ko abakozi bayo bakwiriye kuja mu murimo ari ba nyakamwe ; cyangwa ngo bibe itegeko ko bagenda ari babiri. Reka mbisobanure: Hari abavandimwe babiri. Ariko bombi ntibahuje imico; imitekerereze yabo irahabanye, umwe muri bo afite ingorane zo gukora ibintu byinshi, mu gihe undi afite ingorane zo kutabasha gukora ibyo yakagombye gukora. Ariko iyo babashyize hamwe, barafashanya kugira ngo ufite ibyo akabyamo, acishe make n'ufite urutebwe mu buryo ubu cyangwa se ubundi, yikubite agashyi yigana mugenzi we. Byari kuba byiza bakomeje gukorera hamwe ; ariko ntibyashoboka ko buri gihe baba mu iteraniro rimwe. Haba ubwo umwe yaba nko mu birometero cumi, cumi na bitanu, cyangwa se mirongo itatu. Ariko nubwo baba batari hamwe, ugize ikibazo ashobora guhamagaraga mugenzi we akamusaba inama. Bashobora kuja bahura kenshi uko bishobotse, bagasengera hamwe kandi bakungurana ibitekerezo....

Iyo umuntu akomeje gukora wenyine, ashobora gutekereza ko yihagiye kandi ko ibyo akora bidaite amanegu maze akumva ko adakeneye undi muntu bakorana. Ariko umugambi wa Kristo ni uko umuntu akwiriye gukorana n'undi bagashyigikirana, kugira ngo umurimo udapfa bitewe n'ibitekerezo by'umuntu umwe gusa, no kwanga ko uwo muntu abona ko imico ye itagira inenge cyangwa se abamwumva bajya bareba inenge mu mico ye bakibwira ko ari indangagaciro nzima.

Umubwiriza aramutse adafite undi muntu iruhande rwe ashobora kubwira icyo akeneye, ashobora kugera igihe yica amategeko agenga imibereho ye n'ubuzima bwe. Cyangwa se ashobora gukenerwa kubera impamvu runaka y'ingenzi bakamuhamagara, akagenda. Iyo hari abantu babiri bafatanyije umurimo, iyo bibaye ngombwa ko umwe agenda, undi arasigara, bityo, umurimo ntusigare wonyine.¹³²

Akamaro ko Gukorera Hamwe. Iyo abantu bakoze ari babiri bigira akamaro kuko umwe ashobora gutera umwete mugenzi we. Kandi si ibyo gusa, bashobora kugirana inama, bagasengera hamwe, bagafatanya gukora ubushakashatsi muri Bibiliya. Iyo bafatanyije, bashobora kubona umucyo uhagiye werekeye ukuri nyako kuko igihe umwe azaba yabonye uruhande rumwe rw'ukuri, undi azaba yabonye urundi. Igihe bayobye haba mu mvugo cyangwa mu myifatire, bashobora gukosorana kugira ngo ukuri nyako bigisha kudatashwa agaciro bitewe n'abafite inshingano yo kukubera umuvugizi. Iyo umukozi yoherejwe wenyine, akaza kugira ikosa, ntagira umuntu umukosora, ariko iyo bagiye gukora ari babiri, bakora umurimo utanga uburezi bw'ukuri nyako kandi buri mukozi akora icyo yagombaga gukora kandi akaba icyo yagombaga kuba cyo, aratsinda maze agakiza ubugingo.....¹³³

¹³² *Historical Sketches*, pp. 126, 127 (1886).

¹³³ *Review and Herald* July 4, 1893. [Urwibutso n'Integuza].

Ni Kuki Bitaba no muri Iki Gihe? Ni kuki twatandukiriye ku buryo bwakoreshejwe kandi bugashyirwaho n'Umwigisha Mukuru? Ni kuki muri iki gihe abakozi bakora umurimo we badatumwa babiri babiri? Muravugamuti "Ye baba we! Ntidufite abakozi bahagije bashobora gukwira aho dufite umurimo hose!" Nuko bagakora ahantu hatwo, bashyikiriye. Nimwohereze abakozi ahantu hose hasa nk'aho hafunguwe amarembo maze mubigishe ukuri kw'iki gihe. Mbese ntishobora kugira ubwenge bwo gutuma babiri babiri ngo bajye kubwiriza ubutumwa bw'agakiza?¹³⁴

AHABERA AMAVUNA

"Banza Wige Neza Ahazabera Amavuna". Injira mu mijyi minini maze wegere abantu b'ingeri zose, aboroheje n'abakomeye, maze ubibakundishe. Mbere yo kubwiriza, tegura gahunda yo kubwiriza abakomeye ariko wowe kurekeraho. Tegura na gahunda yo kugeza ubutumwa ku bakomeye na bo. Kora inyigo ihagije ku buryo umucyo wawe uzabasha kumurikira abandi batuye impande zose z'umujyi. Uwo murimo ugomba gukorwa hakire kare mbere yo gutangira amavuna.¹³⁵

Gukorera Amavuna mu Byumba Mberabyombi. Mukwiriye gukodesha ibyumba by'aho amavuna azabera. Nimugenza mutyo, bizatuma ubutumwa mubwira abantu burushaho kugira imbaraga no kwemeza ababwumva. Imana izahagurutsa abakozi bafite ijamba, bazavugaga rikijyana ahantu hatagera ubutumwa. Izahagurutsa abakozi bazajyana ubutumwa bw'ukuri nyako ahantu hatakekwa gahomwe umusaruro.¹³⁶

Gukorera Amavuna mu Byumba Binini byo mu Mijyi. Mu byumba binini byo mu mijyi yacu hakwiriye kuba harangwamo umutekano, kugira ngo ubutumwa bwa marayika wa gatatu bubwirizwe bunyujijwe mu kanwa kabana b'abantu. Ibyo bizatuma abantu ibihumbi byinshi bishimira kwakira ubutumwa.¹³⁷

Gukorera mu Byumba Bizwi Cyane. Gukora amavuna mu mijyi bisaba amafaranga kugira ngo ubutumwa bw'imbuga bushobore kubwirizwa. Rimwe na rimwe biba ngombwa gukodesha icyumba kinini ku mafaranga menshi kugira ngo tubashe kurarika abantu dufite aho tubakirira hisanzuye. Icyo gihe rero dushobora kubaha ibihamba by'ukuri kwa Bibiliya.¹³⁸

Tangirana Umurimo Ubushishozi. Nahawe amabwiriza kandi n'ubu ndacyayahabwa yerekeye ibintu bisabwa kugira ngo umurimo ubashe gukorwa mu mijyi. Mbere na mbere dukwiriye kubanza kureba ibyerekeye umutekano w'inyubako, tukabona tugategura ibindi. Dukwiriye kwitondera amagambo tuvugaga kugira ngo tutisibira amayira. Lusiferi ni umukozi w'indyarya kabuhariwe, acengera mu bantu bacu kugira ngo abakuremo ubwenge bwose bushoboka kugira ngo nibimushobokera, agerageze

134 *Review and Herald*, April. 19, 1892. [Urwibutso n'Integuza].

135 *Testimonies to Ministers*, p. 400 (1896).

136 *Manuscript* 127, 1901.

137 *Letter* 35, 1895.

138 *Manuscript* 114, 1905.

kuburizamo imigambi yateguwe yo gushishikariza abatuye imijyi kwakira ubutumwa bw'imbuze. Ku bintu bimwe na bimwe, ni ngombwa gutuza no kugira ubushishozi.¹³⁹

Kodesha Ibyumba Byiza. Ahantu hamwe na hamwe, ni byiza gutangira umurimo buhoro buhoro, bakagenda bamenyera bitonze. Ubwo buryo ni bwo abakozi bakwiriye gukoresha. Ariko akenshi, gutangirana imbaraga no kwiyeemeza bitanga umusaruro utubutse. Umurimo ukorerwa ibunaka _____ wari kuba warateye imbere iyo bene Data bawutangirana ingufu aho kuwutangira mu buryo buciriritse. Iyo baza gukodesha ibyumba byiza, maze bagakomeza umurimo babwiriza ubutumwa bw'ukuri nyako, nta kabuza bari kubona umusaruro ushimishije. Imana yashakaga ko umurimo utangirana ingufu kugira ngo abantu batangire kunyurwa n'ubutumwa. Uko bazajya babwumva ni ko bazajya barushaho kubukunda.¹⁴⁰

Amahema Akwiriye Kubambwa Ahantu Heza. Tugomba kujyana ukuri mu mijyi. Ni ngombwa gushaka amahema, tukayashyira ahantu hatunganye kugira ngo amateraniro abere ahantu heza.¹⁴¹

Gutunganya Ikibanza Gishingwamo Amahema. Umuyobozi naka _____ yari afite ihema rinini bateraniragamo mu iteraniro rikuru. Ryari ribambye muri Oakland [Okilandi]. Mu myiteguro yahoraga yabukereye ngo atange amabwiriza ngenderwaho. Yakoraga ubutaruhuka asiza ikibanza cyegereye ihema kugira ngo harusheho kuba heza.¹⁴²

Akamaro ko Kugira Inzu Yimukanwa Ikoreshwa mu Materaniro. Ndifuzaga ko mugira inzu yimukanwa yo gukoresha mu materaniro. Iyo nzu yazajya ibafasha cyane mu murimo kuruta gukoresha ihema, cyane cyane mu gihe cy'imvura.¹⁴³

IMIDUGUDU YO MU BYARO

Kora mu Mujyi Utahatuye. Gahunda y'Imana ni uko abantu bacu bakwiriye gutura hanze y'imijyi, noneho bakajya bava mu midugudu yo mu byaro bakaza kuburira imijyi, bagashishikariza abatuye imijyi kumenya no kuyoboka Imana. Mu mijyi hakenewe umurimo ukoranywe ingufu kugira ngo ubutumwa bw'imbuze buzashobore kumvikana.¹⁴⁴

Kwirinda Imbaraga Zanduza Imico. Igihe turiho dutegura igenabikorwa ryerekeye umurimo wo kuburira abatuye mu mijyi, dukwiriye kubikorana ubwenge. Na none kandi, tugomba guhitamo ahantu heza dushobora kurinda ubuzima bw'abana bacu ndetse n'ubwacu, tuburinda imbaraga zihumanya kandi zanduza imico ziboneka aho hantu.¹⁴⁵

¹³⁹ Letter 84, 1910.

¹⁴⁰ Gospel Workers, p. 462, (1915).

¹⁴¹ Review and Herald, May 25, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

¹⁴² Letter 352, 1906

¹⁴³ Letter 376, 1906.

¹⁴⁴ Review and Herald, Urwibutso n'Integuza, 14, Mata 1903.

¹⁴⁵ Life Sketches, p. 410, (1915).

Kugura Ibibanza Bihendutse mu Cyaro. Dukwiriye kugira ubwenge nk'inzoka kandi tukaba nk'inuma tutagira amahugu, kugira ngo tubashe kugura ibibanza bya make kandi dufate ingamba zo kubirinda. Noneho tukajya tuva mu cyaro, tukaza gukora mu mijyi.¹⁴⁶

Uburyo Bworoshye bwo Kugera mu Mijyi. Mukwiriye gutoranya abantu bashyira mu gaciro, batari ba bavugirije, bagashakashaka amasambu mu cyaro, ariko aho umuntu yagera mu mijyi bitamugoye, ahantu hatuje kandi habereye gushyirwa amashuri yo guhuguriramo abakozi mu gihe kigufi, hakaba hashyirwa n'amavuriro y'abarwayi hakanafashirizwa indembe mu by'umwuka zikeneye kumenya ukuri. Mukwiriye kurambagiza ahantu nk'aho ariko hategereye imijyi minini, aho mushobora kugira inyubako nziza kandi zitekanye, zaba ari impano duhawe na bene zo cyangwa izo twiguriye ku giciro giciriritse, ku mafaranga duhawe n'abizera bacu. Ntimukwiriye kubaka amazu mu mijyi n'ahantu haba urusaku.¹⁴⁷

Mukorere mu Mijyi ariko Ntimuyibemo. Ukuri nyako gukwiriye kuvugwa uko kuri, abantu bashobora kukumva cyangwa ntibakumve. Imijyi yuzuyemo ibigeragezo. Dukwiriye gutegura gahunda yo gukora umurimo aho hantu ku buryo tunarinda urubyiruko rwacu kuba hafi y'aho bashobora kwandurira cyangwa se kwangirikira.

Ni byiza gukora mu mijyi ariko utaha inyuma yawo. Intumwa y'Imana yaravuze iti : " Mbese imijyi ntizaburirwa? Izaburirwa, ariko ntizaburirwa n'abantu b'Imana bayibamo ahubwo izaburirwa n'abayisura, maze bababurire ibigiye kuba ku isi."¹⁴⁸

Nk'uko Enoki Yagenzaga. Nk'uko itegeko ry'Imana ryo kurinda ubwoko bwayo rivuga, dukwiriye kuva mu mijyi. Nk'uko Enoki yagenzaga, dukwiriye gukora mu mijyi ariko tukirinda kuyibamo.¹⁴⁹

Ibyigisho Dukura kuri Loti na Enoki. Igihe ibicumuro birushaho kwiyoungera mu gihugu, buri gihe haba hari ijwi ryumvikana, riburira abantu kandi ribaha amabwiriza bagomba gukurikiza, nk'uko ijwi rya Loti ryumvikanaga i Sodomo. Loti yari gushobora kurinda umuryango we ibibi byakorera muri uwo muji warangwaga n'ibikorwa bibi by'ubugome kandi wahindanijwe n'ibyaha iyo ataza kuwuturamo. Ibyo Loti n'umuryango we bakoze, bari gushobora kubikora bavuye ahandi, ariko badatuye muri uwo muji. Enoki yagendanye n'Imana ariko ntiyabaga atuye mu muji uwo ari wo wose warangwaga n'ubwicanyi n'ibikorwa by'urukozasoni, nk'uko Loti yagenje mu muji w' i Sodomu.¹⁵⁰

146 *Special Testimonies*, Series B, No. 14, p. 7 (1902).

147 *Medical Ministry*, pp. 308-309 (1909).

148 *Letter* 182, 1902.

149 *Manuscript*, 85, 1899.

150 *Manuscript* 94, 1903.

GUTEGURA AMATERANIRO MU BYICIRO NO MU NKENGERO Z'UMUJYI

Amateraniro y'Ivugabutumwa mu Mijyi Minini, Ahantu Hatandukanye. Ubu ni igihe cyiza cyo gukora mu mijyi, kuko tugomba gusanga abantu aho batuye. Twaguye mu makosa yo gukora umurimo no gushyira imbaraga ahantu hamwe. Bene iyo mikorere igaragaza kudashyira mu gaciro n'ubuswa. Igihe kirageze ngo twerekeze amaboko yacu n'ibitekerezo mu mijyi minini. Dukwiriye kugeza ubutumwa ahantu henshi mu mahuriro mato mato, kuruta ko twagira amahuriro manini ariko make. ...

Mu mijyi minini hajye hoherezwa ababwirizabutumwa babiri babiri, mu mpande zitandukanye zayo. Abakozi bo mu muji bajye bagira igihe cyo guhura, bungurane ibitekerezo kandi basengere hamwe kugira ngo bunguke ubwenge n'ubuntu bw'Imana kugira ngo bibabashishe gukorera hamwe; ibyo bizatanga umusaruro no kubumbatira ubwuzuzanye. Iyi gahunda ikwiriye gukurikizwa n'abantu bose kugira ngo ayo mahirwe yoye kuducika. Abantu bacu bakwiriye gukenyera, bakambarira urugamba maze bagashyiraho amahuriro mu mijyi minini yose.¹⁵¹

Kugera mu Duce tw'Imijyi Tutaraburirwa. Hakwiriye kubaho andi mashami y'inyongera, agashyirwa mu mpande zose z'umujyi. Nimureke hajye hagenda abakozi babiri babiri bafatanye umurimo mu duce twinshi tugize imijyi yacu twasigaye tutaragezwaho ubutumwa bw'imbuhi, hakaba hashize igihe kirekire.¹⁵²

Ahantu hose Hagomba Kugezwa Ubutumwa. Nimureke abakozi bajyane ubushobozi bwabo mu muji maze babukoreshe bashyizeho umwete, babwiriza abantu ukuri nyako mu duce twose tw'umujyi. Nimureke bakore ari babiri kugira ngo bagirane inama kuko ari bwo buryo bwiza bwo gukora kandi budahenze. Bizatuma bakora umurimo neza bawitondeye kandi imbaraga zabo zose bazazikoresha mu by'umwuka.¹⁵³

Kubamba Amahema mu Duce Dutandukanye tw'Umujyi. Umukozi w'umunyabwenge agaragarira ku gikorwa cyo gutoranya ahantu hakorerwa amateraniro makuru. Amateraniro ntakwiriye kubera ahantu hagerwa ku buryo buruhanyije, kubera ko mu mijyi haba hari abantu bakeneye kumenya ukuri nyako. Amateraniro makuru akwiriye kubera ahantu hadufasha gushyikira abantu batuye mu mijyi yacu nta ngorane. ...

Amateraniro akwiriye kubera mu mijyi cyangwa mu nkengeri zayo. Abakozi bajya bashinga ihema mu ruhande rumwe, gahunda yarangira bakaryimura bakarishanga ahandi, bityo bityo. Iruhande rw'imiryango yacu hari bene Data bakeneye kumva ubutumwa bw'imbuhi. Mu mijyi

¹⁵¹ *Medical Ministry*, p. 300 (1909).

¹⁵² *Letter 8*, 1910.

¹⁵³ *Manuscript 42*, 1905.

minini yo muri Amerika hakwiriye kubakwa inzibutso zihwiturira abantu kwiye gurira Imana.¹⁵⁴

GUTEGURA UMURIMO UZAHORAHU

Umurimo Udebekewe – Umusaruro Muke. Turi mu kaga gaterwa no gukomeza gutangiza umurimo ahantu hashya kandi tudashobora kuhakurikirana no kuhitaho nk'uko bikwiriye. Iyo mirimo yatangiye muri ubwo buryo izaduhindukira umutwaro uremereye kuko izasaba amikoro menshi. Dufite akaga ko kubuzwa gukora umurimo neza ngo tuwunoze, ahubwo tukihutira kujya ahandi kandi hari uduce tw'ingenzi tw'uruzabibu rw'Uwiteka twirengagijwe. Gutegura no gukora imirimo myinshi ariko ntugire uwo ukora ngo uwurangize nk'uko bikwiriye, byaba ari uguteganya nabi. Dukwiriye gukora tujya mbere ariko dukurikiza inama y'Imana. Ntidushobora kugira icyo tugeraho nituramuka twirengagije ihame ryerekeye umurimo woroheje; kandi tuzaba dutakaje imyumvire mu by'umwuka. Ikindi kandi, ntutuzashobora gukurikirana iyo mirimo twakungitse ahubwo tuzaba dutereranye abafasha bacu b'indakemwa ku buryo batazashobora gukora ibintu kuri gahunda. Dukwiriye kwita ku mibereho yacu no ku buzima bwacu.

Iyaba twari twiteguye gukora dukurikije amahirwe Imana yaduhaye, ntabwo twateganya kurundanya ibikorwa ahantu twagejeje umurimo cyangwa ngo dufate ahantu hanini mu gihe tudafite amikoro ahagije yo kubaka no gukomeza umurimo. Gukora ibikorwa bitagaragara ni ugutubya umusaruro cyangwa se n'uvuyemo ukaba unyanyagiye hirya no hino, udafite ireme. Nimubumbatire kandi mwongere ibikorwa byatangijwe kugeza igihe inkingi y'igicu izahaguruka maze mukayikurikira. Mu gihe dufite ibikorwa byinshi byateganijwe kandi hakaba n'ahantu henshi hategereje kwakira abakozi, ibitekerezo byacu n'imyumvire yacu bikwiriye kwaguka, tukareba aho tuzakura abakozi bo gukora imirimo ahantu hashyashya, mu murima w'Uwiteka, kugira ngo bazane ubugingo bwa benshi mu nzira y'ukuri.¹⁵⁵

Kwagura umurimo buhoro buhoro. Ntimugakunde ko umutungo mufite ukoreshwa ahantu henshi kandi mubona ko aho hose nta musaruro ushimishije uzahaboneka. Birashoboka ko abakozi bakoresha ingufu zabo batatanye, ariko ntibagire umurimo n'umwe bakora nk'uko bikwiriye, mu gihe bari kubaka umurimo bakawukomeza kandi bakawunonosora, baramutse bayobowe n'Imana.¹⁵⁶

Ubushishozi mu Bikenewe mu Murimo w'Ivugabutumwa. Iyo amatwara yacu n'ingufu zacu tubirunduriye mu bikorwa byinshi icyarimwe, ariko ntutugire imbaraga n'ubuntu dukomora kuri Kristo bidufasha gukora ibintu tumaze gusobanukirwa kandi ngo tubikore dukurikije itegeko ridasubirwaho, icyo twakora cyose usanga gifite amanegu kandi umurimo

¹⁵⁴ Letter 164, 1901.

¹⁵⁵ Letter 14, 1886

¹⁵⁶ Letter 87, 1902.

ukangirika. Ntabwo Imana ihabwa icyubahiro muri iyo mikorere kabone n'ubwo haba hari impamvu zigaragara ko ari nziza. Tuba dukwiriye gushaka bihagije ubwenge bwahishuwe. Usanga umukozi yinubira kuba ahora yikoreye imitwaro imuremereye cyane kandi Imana ntishimishwa n'uko uwo mukozi ahora avunwa n'iyo mitwaro. Imibereho ye yayihinduye indiri y'umuhangayiko, ibimutesha umutwe n'umunaniro kubera ko atigeze yiga inyigisho Kristo yamuhaye ari zo : kuba umugaragu we no kumwikorerera imitwaro, aho kwikorera imitwaro yihimbiye we ubwe

Imana ishaka abakozi b'abahanga, badakora umurimo hutihuti, ahubwo bakawukora bitonze, bashyira mu gaciro kandi bakagera ikirenge mu cya Yesu, bicisha bugufi nka we. Abantu bashyira ibitekerezo byabo n'ubwitonzi bwabo mu mirimo ikomeye, bari bakwiriye kubishyira no mu mirimo mito, bakayikorana ubushishozi n'umurava. Mbega ukuntu umurimo wirengagizwa! Mbega ukuntu basiga ibintu batereye iyo bitewe no guhorana inyota yo gukora imirimo ikomeye? Umurimo barawukwanjika bitewe no kwirundaho imirimo myinshi ariko ntihagire n'umwe bakora ngo urangire neza. Ariko umurimo wose ugomba kugenzurwa n'Umucamanza utabera w'isi yose. Imirimo mito ifitanye isano n'umurimo wa Databuja uba ingirakamaro kuko ari umurimo wa Kristo.¹⁵⁷

Witangira Ahantu Hashya Utararangiza Ahandi. Ntabwo dukwiriye guteganya ibintu byinshi ngo tubitangirire icyarimwe kandi tudafite ushobozi bwo kurangiza ibyo twatangiye. Nta mirimo ikwiriye gutangizwa igihe kitaragera kuko byatuma hakoreshe amikoro yagombaga gukoreshwa mu byo kubaka umurimo ibunaka _____. Aho hantu hagomba kwitabwaho mbere yo gutangira umurimo ahandi.¹⁵⁸

Kuzirikana Agaciro k'ubu Butumwa. Iyo ntekereje kuby'aya materaniro, nkabigereranya n'ibyo neretswe ibihe bitandukanye ku byerekeye kuyobora amateraniro makuru mu mijyi minini, bintera gutanga inama isaba ko buri mwaka hagomba gutegurwa amateraniro makuru menshi, n'ubwo amwe muri yo yaba ari mato ntacyo byaba bitwaye; bene aya materaniro aba ari uburyo bukomeye butuma havugwa ubutumwa bufite ingufu, bugakurura abantu benshi. Muri ayo materaniro makuru abera mu mijyi, abantu ibihumbi byinshi bahamagarirwa kwakira irarika riva mu ijuru rigira riti: "Nimuze, kuko ibintu byose bimaze kwitegurwa."

Igihe tumaze gushishikariza abantu kwakira ubutumwa, ntidukwiriye gupfobya amateraniro ngo tuyagire magufi, maze ngo niturangiza tuzinge amahema dusige abantu batekereza ko amateraniro yarangiye, mu gihe abantu benshi bari bageze igihe cyo kumva ubutumwa neza. Icyo gihe ni cyo kibereye gukorwamo ibintu byiza, binyujijwe mu kwizera n'umwete mu murimo. Amateraniro akwiriye gutegurwa ku buryo inyungu z'abayazamo zitabwaho.

¹⁵⁷ Letter 48, 1886.

¹⁵⁸ Letter 87, 1902.

Rimwe na rimwe biragora gukomeza kugumana ababwiriza b'ingenzi ukabamarana ibyumweru runaka kugira ngo bakomeze kongerera imbaraga amateraniro. Biragora kandi birahenze gukomeza gukodesha aho amateraniro yaberaga ndetse n'amahema yakoreshwaga icyo gihe cyose. Bwaba ari ubwitange bukomeye imiryango myinshi yemeye gucumbika aho mu mahema, ikajya ifasha abagabura n'abigisha ba Bibiliya mu gusura no guha ibyigisho bya Bibiliya abashyitsi baje aho habera amateraniro, maze muri uko kubasura mu ngo zabo, bakababwira iby'imigisha bungukiye mu materaniro, noneho bakabararikira kuza muri ayo materaniro. Gahunda iramutse ikurikijwe ityo, hakaba ubwitange kandi hagakoreshwa imbaraga, amateraniro makuru yacu yakora umurimo ukomeye wo gushinga amatorero mazima. Bene ubwo buryo ni bwo bukwiriye gukoreshwa mu kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa gatatu abantu bari mu mijyi yacu.¹⁵⁹

Gukoresha Amavuna y'Igihe Kirekire. Rimwe na rimwe umugabane munini w'ababwiriza baza kubwiriza mu iteraniro rikuru bahamara iminsi mike, maze igihe abantu baza mu iteraniro bamaze gushyuha benda kwakira ubutumwa, bakaba barirutse bagiye kubwiriza mu rindi teraniro, bagasiga ababwiriza babiri cyangwa batatu barwana intambara yo gufasha abo bantu, mu gihe mu rundi ruhande imiryango yabatije amahema irwanira kuyamanura ngo iyatahane.

Mbega ukuntu byarushaho kuba byiza iyaba amateraniro yamaraga igihe kirekire! Mbega ukuntu byarushaho kuba byiza iyaba abantu bavaga muri buri torero bakaza biteguye kuhamara igihe kirekire, bagafasha mu materaniro kandi bakagira umwanya wo kwiga uko umurimo ugomba gukorwa! Bagira amahirwe yo kuhungukira byinshi bazajya gufashisha amatorero yabo igihe bazaba basubiyeyo. Mbega ukuntu byarushaho kuba byiza ababwiriza bafite impano yo gushishikaza imitima y'abantu benshi baje mu iteraniro bashoboraga kuhaguma, bagakurikirana umurimo batangiye, bakungukira muri iryo teraniro ryateguranywe ubushishozi rizamara igihe kirekire!¹⁶⁰

Gusiga Ibisarurwa Bidateranirijwe hamwe. Byarushaho kuba byiza kandi bigatanga umusaruro ushimishije iyaba mu materaniro habaga amahema make, hakiyongeraho n'abantu ku giti cyabo cyangwa se ibigo bitanga impano zo gukoreshwa muri uwo murimo. Ibyo byatuma amateraniro akorwa ahantu igihe kirekire kuko abantu baba bayishimiye. Naho ubundi usanga abantu bihutira kumanura amahema yabo kandi umurimo utararangira. Igihe abantu bamwe batangiye gushimishwa n'ubutumwa, ni bwo haba hakenewe gukoresha imbaraga nyinshi kugira ngo ubwenge bwabo bwitegure, bahereke bifatire icyemezo cyo kwemera no kwakira ukuri kw'Ijambo ry'Imana.

Ahantu henshi hashinzwe amahema, abagabura barahaguma kugeza ubwo inkubiri yo kurwanya ubutumwa itangira gucogora, bityo bigatuma

¹⁵⁹ *Review and Herald*, April 4, 1899. [Urwibutso n'Integuza].

¹⁶⁰ Ibid.

abantu bamwe bumva ubutumwa mu mutuzo nta zindi ntekerezo; ariko iyo batangiye kumanura amahema bakayohereza ahandi gutangira andi materaniro, icyo gihe abantu baherako bagenda urusorongo. Ubwo umutungo wakoreshejwe ukaba ubaye imfabusa ndetse n' abakozi b'Imana bakabona umusaruro muke bitewe no kubura amahema. Abantu bake gusa ni bo bamenya ukuri nyako kandi n'abakozi b'Imana babibona, bake muri bo ni bo bashima abamaze kwitanga bakabatera umwete wo gukomeza iyo nzira, nuko bagatangira kwishakamo inkunga, ubwo bakaba bahombye aho kunguka mu mbaraga, mu by'umwuka no mu bushobozi.¹⁶¹

Gukurikirana Abakozi. Nahoze ntekereza ukuntu byagendaga muri Portland no mu muji wa Boston igihe humvikanaga ijwi rirenga rivuga ubutumwa bwa marayika wa mbere. Amavuna yahabereye yakurikiwe n'umurimo wakomeje gukorwa mu buryo busa nk'ubwo mukoresha, Mwene Data _____ na Mushiki wacu _____, hamwe n'abo mufatanyije umurimo. Mu by'ukuri, uyu murimo si uw'umuntu ahubwo ni uw'Uwiteka.¹⁶²

Shyiraho Imiryango yo Gufasha Abakiriye Ubutumwa. Hakurikiyeho umujyi wa Toronto, muri Ositrariya. Ni ahantu heza ho kuruhukira. Aho hantu hari hagati y'ibirometero biri hagati y'icumi na bitanu na makumyabiri na bitanu uvuye i Koranibongi (Cooranbong). Mu bintu byihutirwa, tugomba gukora uko dushoboye, tugashaka imiryango yiyeguriye Uhoraho ijya gufasha abantu bakiriye ubutumwa. Iyo mirima yose iteye ubwuzu bwo gutanga umusaruro ushimishije, ariko ntacyo dushobora kugeraho turamutse tudafite abakozi bakorana ubwitange, bashobora kuhajagajaga bagashishikariza abantu kwakira ubutumwa kandi bagakomeza kubamenyereza.¹⁶³

Hakenewe Ingamba Zirimo Ubwenge. Mu gikorwa cyo gutoranya ahantu hazakorwa umurimo w'ivugabutumwa hakenewe gufatwa ingamba zidahubukiwe ahubwo zirimo ubwenge. Igenamikorere igomba gutegurwa mbere y'uko umurimo utangira, hagateganywa ukuntu imitima izitabwaho. Hagomba kugaragazwa abazakora umurimo wo kugabura iby'umwuka bakabakomerezamo inyigisho z'ukuri. Ni ngombwa kumenya ngo ni bande bazakomeza kubigisha ibyigisho bindi nyuma y'uko bigishijwe iby'ibanze? Ni bande bazabayobora mu nzira y'ibya Mwuka bakabamenyereza?

Gukora umurimo ahantu, ukagutwara umutungo mwinshi kugira ngo ukuri nyako gucengere mu mitima y'abantu, hanyuma ukabatererana, bigatuma bishakira undi murongo ngenderwaho, bakurikije inyigisho z'ibinyoma bigishijwe, si byiza rwose. Gutererana umurimo umeze utyo birutwa no kuba utarigeze kuwutangiza. Icyari kurushaho kuba cyiza ni uko bari kurindira kugeza ubwo bazongera gukora gahunda neza ku buryo hateganywa abantu bazakurikirana abamaze kwakira ubutumwa.¹⁶⁴

161 *Testimonies (Ibihamya)*, vol. 1, p. 148 (1857).

162 *Letter* 182, 1906.

163 *Letter* 76, 1899.

164 *Letter* 60, 1886.

AMAFARANGA N'INGENGO Y'IMARI

Icara maze Ubare Igiciro cy'Ibizakoreshwa. Ubwoko bw'Imana ntibukwiriye kugenda nk'impumyi ngo bushore umutungo badafite, bagakubitiraho no kutamenya aho bazawuvana. Ibintu byose dukora dukwiriye kubikorana ubwenge. Kristo yaduhaye urugero tugomba gukurikiza mu gihe tugiye gukora umurimo. Abantu bashaka kubaka, bagomba kwicara hasi, bakabara igiciro cya buri kintu kugira ngo barebe niba bazashobora kuzamura iyo nyubako kugeza ubwo bazayuzuzura. Mbere yo gutangira gushyira mu bikorwa ibyoateganyije, bakwiriye kugisha inama impuguke mu byerekeye inyubako. Niba umukozi umwe adashoboye gutekereza ikintu ngo amenye aho cyerekeye n'icyo kizabyara, aba ari mu kaga ko gukora umurimo w'ubuswa; bagenzi be bafatanyije umurimo bakwiriye kumukebura bakoresheje amagambo y'ubwenge, bakamwereka aho yakosheje.¹⁶⁵

Gucunga Neza Umutungo. Abantu bose bakora umurimo mu miji yacu bakwiriye kwitondera iyi ngingo: Nta hantu twemerewe gukoresha amafaranga igihe bitari ngombwa. Gutagaguza gukoresha amafaranga kugira ngo twiyerekane ntibikwiriye kuranga abagabo n'abagore biga cyangwa bamenye ukuri ikw'iki gihe. Abakozi bacu bakwiriye kwimenyereza gucunga neza umutungo. Imana itubuza rwose ingeso yo kwaya. Ifaranga [idolari] ryose dusabye rigomba gukoreshwa neza, nta kuryaya. Ntitugomba gukoresha ibintu byinshi. Amafaranga y'Imana agomba gukoreshwa mu guteza imbere umurimo hakurikijwe uburyo bw'imikorere y'umurimo yishyiriyeho hano ku isi.¹⁶⁶

Tangira Udategereje Kugira ibyo Werekana. Ni kuki twatinda gutangira umurimo mu miji yacu? Ntidukwiriye gutegereza ko hakorwa ibintu by'ibitangaza cyangwa kubona ibintu bihenze kugira ngo tubone ibyo duheraho twereka abantu ibyo tugiye gutangiza. Wabaza umurama aho waturutse kandi ubona ingano? Niba tugenda kandi dukora umurimo w'Imana twicishije bugufi, Imana izaducira inzira tuzanyuramo.¹⁶⁷

Gusaranganya Umurimo w'Ivugabutumwa. Imana yabujije abayobozi gukoresha amafaranga menshi, batangiza umurimo ahantu hakeya, birengagije kureba ko no mu tundi duce nta mirimo bakeneye gutangiza cyangwa se gukora, kandi bakaba badakunze kubona ubufasha. Kwigomwa bene Data bafite bo mu duce dufite amikoro, kwatumye haboneka ubufasha bwo gutera inkunga za misiyozi zikennye; ibyo bizatuma umurimo wo guhesha Imana icyubahiro urangira. Nta bantu bakwiriye gutinyuka kubaka umunara muremure wo kureshya abantu, bakawubaka ahantu hamwe, kandi basize ahandi henshi hawukeneye. Imana yadusezeraniye ko imyanya myumviro yacu izezwa kugira ngo dushobore kwigira ku murimo dukora no ku birenge bya Kristo.¹⁶⁸

¹⁶⁵ Letter 182, 1902.

¹⁶⁶ Letter 197, 1905.

¹⁶⁷ Letter 335, 1904.

¹⁶⁸ Letter 320, 1908.

Kwishingira Ibitunga Umukozi. Mu mijyi yacu minini hagomba gutangizwa umurimo w'ibigo byinshi. Ni ngombwa ko ibyo bigo bigira icyo bikora mu murimo. Ibigo bidashobora kugira icyo bikora bitewe n'imiterere yabyo, bikwiriye kugira uruhare mu kwishingira umukozi ushobora gukora umurimo muri iyo mijyi. Bene Data na bashiki bacu ntibakwiriye kugira urwitwazo rwatuma batagira icyo bakora mu murimo w'ingenzi. Ubuzima bwa Gikiristo ntabwo ari nyamwigendaho.¹⁶⁹

Amafaranga y'Itorerero mu Murimo Mushya. Abamaze kumenya ukuri bakwiriye gukomezanya, bakabwira abagabura bati: "Nimujye mu murima gusarura mu izina ry'Uwiteka kandi amasengesho yacu azabaherekeza ameze nk'umuhoro utyaye." Bityo, amatorero yacu yari akwiriye gufata icyemezo cyo kuba abahamya b'Imana kandi bari bakwiriye kuyizanira impano n'amaturu kugira ngo abatwemeze gukora umurimo babone ibyangombwa bakwifashisha ngo babashe gukiza ubugingo bw'abantu.¹⁷⁰

Imana Yateganyirije Umurimo wo mu Mujyi. Uwiteka Imana yampaye ubutumwa maze mbubwira abantu bacu kandi nongera kububasubiriramo, mbabwira ko hari abantu benshi bafite amafaranga bashobora gutanga kubwo kwamamaza ubutumwa bwiza. Uwiteka azi abantu batarigera bumva ubutumwa bw'ukuri nyako. Nimukore umurimo wanyu nk'uko bikwiriye kandi umutungo uzatangwa n'abo bantu mureke ukoreshe mu guteza imbere umurimo wo kumenyesha abantu ukuri nyako, maze hubakwe ikigo mu mujyi wa _____. Nimutoranye abantu ku giti cyabo batigeze barangwa n'ubugugu, bafite umwuka w'ubwuzu kandi bafite umutungo wakoreshwa mu gukora umurimo wo mu mijyi minini, maze batange ku butunzi bwabo, bukoreshwe umurimo, kuko Imana ibazi kandi ni na yo yabatoranyije

Igihe cyose abantu bafite amafaranga bazaba babwirwa Bibiliya cyangwa bayisomera, Imana izagenderera imitima yabo maze umucyo w'isi uyirasiremo. Ukuri nyako gukwiriye kubwirizwa muri iyo mijyi kumeze nk'itara ryaka.

Higeze kubazwa ikibazo giteye gitya: Ni kuki hashyizweho gahunda yihariye yo gukora umurimo ahantu ho mu rwego rwo hasi, umuntu yavugaga ko hasuzuguritse, mucye ku bantu barangwa n'ubushishozi kandi bakagira n'ubushobozi cyangwa se impano? Hari umurima weze, ukeneye gusarurwa kandi Imana yateganyirije uburyo iyo myaka izasarurwa. Hari abantu benshi bo mu bigo binini by'ubucuruzi bifite ubushobozi, bemera ukuri nyako kandi bizera byanditswe Byera, bashobora gutanga ibintu byinshi kandi babikuye ku mutima. Abo bantu, bashorewe na Mwuka Muziranenge, bazanyura mu nzira, maze bakuremo inzitizi kugira ngo ubwoko bw'Imana bushobore kubwirwa ubutumwa bw'imbuze bwerekeye kugaruka k'Umwami wacu kuri bugufi....

169 Manuscript 128, 1901.

170 Manuscript 73a, 1900.

Mu bihamya byinshi, natangiraga mvuga ko abantu b'abakire bafite amafaranga y'Uwiteka bazakoreshwa n'umwuka w'Imana, bagakingura inzugi kugira ngo umurimo wo kubwiriza ubutumwa mu mijyi minini ujye mbere. Bazakoresha ubutunzi baragijwe, mu gutunganya inzira igororotse kandi ifunganye y'Uwiteka, bayicishe mu butayu.

Abakozi bakora mu mijyi minini, mu gihe bishobotse, bagomba gusanga n'abategetsi cyangwa abakomeye bo mu rwego rwo hejuru. Ukwizera kwacu kuri he? Imana yaduhaye urugero ku mwami Nebukadenezari. Imana yakoreshe ubushobozi kugira ngo abafite ubushobozi bw'ikirenga ku isi bamenye ko ari we Mwami usumba abandi bami bose bo ku isi. Yinjiye mu bwenge bw'umwami wiyemeraga, ari we Nebukadenezari kugeza ubwo yamenye ko ari yo, akavuga ati: "... ngarura akenge ; mperako nshima Isumbabyose, ndayambaza, nubaha Ihoraho iteka ryose, kuko ubwami bwayo ari bwo bwami butazashira, " (Danyeli 4: 31).¹⁷¹

Musabe Abafite Amikoro. Abakora umurimo w'Imana bakwiriye kujya bategura ibikenewe byose mu murimo bakabigeza_____ ku bafite amikoro bo mu isi. Mubikorane ubwitonzi, mubasobanurire icyo mugiyeye gukora, mubasabe inkunga. Umutungo bafite si uwabo bwite ahubwo Imana yarawubaragije. Ukwiriye gukoreshwa mu murimo wo kumurikira umucyo isi irindagirira mu mwijima.

Imana yahishe mu butaka ubutunzi bwinshi bugizwe n'izahabu n'ifeza. None abantu barundanyije ubutunzi bwabo. Nimusange abafite umutima wuzuye urukundo bakunda Kristo n'abantu bababaye maze mubasabe kubafasha mu murimo muriho mugerageza gukorera Shobuja. Nibamara kubona ko mugenzwa no kugaragariza abantu ukugira neza kw'Imana, imitima yabo izakorwaho. Bazabona ko bagomba kuba ikiganza Kristo akoresha mu murimo w'ubuvuzi wo gukiza abandi. Bazararikirwa gufatanya n'Imana kugira ngo batange ibikenewe byose kugira ngo umurimo ukeneye gukorwa ubashe gukorwa.¹⁷²

Abandi Bakozi na bo Bagomba Kubona Ibikenewe. Umuyobozi _____ yaza amafaranga yakagombye gufasha abandi bakozi bakora umurimo ahanu hatandukanye. Akeneye kumenya ko n'abandi bakozi bakeneye kugira amahirwe yo gukoresha impano zabo mu murimo wa Kristo. Kubera izo mpamvu bakeneye guhabwa ibyangombwa bikenewe mu murimo kugira ngo babashe gukora umurimo baguwe neza atari ukwihotorera akazi ku buryo ubuzima buhazaharira cyangwa bakazahazwa n'imibereho mibi. Umukozi umwe ntakwiriye gukoresha amafaranga menshi yirengagije umukozi mugenzi we, akamusiga nta mafaranga na busa yatuma akora umurimo yahamaragiwe. Kabone n'ubwo amafaranga yaba aturutse hanze, aho yava hose ni umutungo w'Uwiteka. Ntabwo Imana yategetse ko umukozi umwe yirundanyaho umutungo mu gihe mugenzi we asa

¹⁷¹ Letter 132, 1901.

¹⁷² Manuscript 40, 190.

n'ufunzwe, atagira icyo akora bitewe n'uko nta mafaranga afite yo kurangiza umurimo yakagombye gukora.¹⁷³

Imitima Yahindutse Igomba Gutanga Ubutunzi. Uko abagabo n'abagore bazajya bagezwaho ukuri kw'Ijambo ry'Imana mu mijyi, ni ko n'amikoro azatangira kuza. Mu by'ukuri, abantu nibahinduka nyabyo, ubutunzi bwabo buzegurirwa umurimo w'Imana maze tubone umutungo utangiye kwiyoungera.¹⁷⁴

Gushaka Umutungo w'Ingoboka. Umurimo w'ibwirizabutumwa si umurimo wakorwa hariho umutima w'ubugugu no kwihimbaza nk'uko Pasitoro naka _____ yakoraga. Amafaranga yose aje mu maboko y'abakozi b'Imana ni umutungo wayo, akwiriye gukoreshwa neza. Niba hatanzwe amafaranga menshi agenewe gukora umurimo, ntagakoreshwe yose, ahubwo bazajye bagira umugabane babika kugira ngo azakoreshwe mu bihe bidasanze abantu bashobora kugeramo igihe bakora mu ruzabibu rukomeye rw'Uwiteka.¹⁷⁵

Gucunga neza Umutungo muri za Misiyoni Nshya. Ni iby'igiciro cyinshi gutangirana umurimo imbaraga. Imana yanyeretse ko umurimo ukorwa mu _____ wadindiye bitewe n'uko utatangiye nk'uko bikwiriye. Hari gukorwa ibintu birushaho kuba byiza iyo bakoresha uburyo butandukanye bw'icungamutungo kandi hari gukoreshwa amafaranga make. Dufite ukwizera gukomeye kandi kwera mu kuri guhanitse twahawe.¹⁷⁶

Gucunga neza Umutungo si Ugukabya. Nubwo dukwiriye gucunga umutungo neza, ntabwo dukwiriye gukabya. Kimwe mu bintu bibabaje kandi bitangaje bibaho mu mibereho y'abantu ni amakosa akomeye abantu bajya bakora rimwe na rimwe, bakagira ibyo bigomwa ariko hakaba ubwo barenza urugero. Birashoboka ko abakozi b'Uwiteka bakora ibyo batagombaga gukora, bakiyemeza kugira ibyo bigomwa kugeza ubwo bajya kwibona bagasanga nta byokurya bihagije bafite ndetse nta n'imyambaro ihagije bafite, kandi bifuzaga kugira utudolari babika. Abakozi bamwe na bamwe bakora amasaha y'ikirenga kandi bakabikora nta zindi nyungu bateze, ahubwo bitewe n'uko amafaranga bafite mu isanduku ari make, adashobora gutunga abakozi bose bakenewe mu murimo. Hagombye kuba hari amafaranga menshi iyaba abakozi bose bakurikizaga inama nk'uko itegeko Kristo yatanze rigira riti: "Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose, ankurikire." (Luka 9:23).¹⁷⁷

Irinde Gutanga Intica Ntikize. Ikintu cya mbere mukwiriye guhora muzirikana ni uko muri abagorozi mutari abaka. Igihe uriho uvugana n'abo mudahuje kwizera, ntukwiriye kubereka ko uhinyuye icyo bakubwiye.

173 Letter 49, 1902.

174 Manuscript 53, 1909.

175 Letter 149, 1901

176 Letter 14, 1887.

177 Letter 49, 1902.

Ariko kandi nureka guciririkanya ngo ubashe kugera ku giciro cyo hasi, uzajya gushiduka usange watanze amafaranga atagira ingano. Bashobora kuzibwira bati: "Uriya muntu ni umubandi, ashobora kukujijisha akaguhuguza iby'ufitiyeho uburenganzira, aramutse abishoboye." Ni yo mpamvu dukwiriye kuba maso igihe dufite ibyo tuvuganaho byerekeye ifaranga. Ariko nimujya mu guciririkanya, uwo muvugana akumva abifitemo inyungu azaherako abyemera kuko azaba abyungukiyemo, maze uhombe amafaranga menshi. Ubusabusa bubyara ubundi, uteka ubusa ukaba ari bwo warura. Mwebwe mufite iyi nshingano, ntimukwiriye kwishinga uko abandi babona cyangwa bumva ibyo mubabwira, cyane cyane abo tudahuje kwizera kuko bishobora kugira ingaruka ku kuri tugomba kubwira abandi.¹⁷⁸

GUCUNGA UMUTUNGO W'AMATERANIRO Y'IVUGABUTUMWA

Ababwirizabutumwa Ntibahawe Inshingano yo Kugura Ibintu. Buri muntu yahawe inshingano ye. Abantu binjiye mu murimo w'ibwirizabutumwa bakora umurimo udasanzwe. Kubera iyo mpamvu bakwiriye kwitanga, bakitangira kuyobora amasengesho no kuvuga ijambo ry'Imana. Ubwenge bwabo n'ibitekerezo byabo ntibwikiriye kuvunwa n'ibyerekeye ubucuruzi cyangwa kugura ibintu bikenewe. Hashize imyaka myinshi Imana impaye amabwiriza ngo mburire bene Data b'abagabura ngo boye kunaniza ubwonko bwabo babupakiramo ibyerekeye ubucuruzi kuko bubatwara igihe, bakabura umwanya wo gushyikirana n'Imana kandi bugakoma mu nkokora ubumwe bagombaga kugirana na Mwuka Muziranenge. Umugabura ntashobora kuguma ku murongo uboneye w'iby'umwuka mu gihe ahamagarwa hirya no hino mu matorero atandukanye kugira ngo akemure utubazo nk'utwo. Uyu si wo murimo yahamagariwe. Imana ishaka gukoresha ubushobozi bwose bw'abo yatoranyije ikabagira intumwa zayo. Ubwenge bwabo ntibukwiriye kunanizwa n'inama ndende za nijoro, kuko Imana ishaka ko imbaraga z'ubwonko bwabo zikoreshwa mu kubwiriza ubutumwa bw'agakiza mu buryo bwumvikana kandi bunoze nk'uko buteye muri Yesu Kristo.

Kubera ko umugabura aba afite imirimo byinshi, ahora yirukanka, ntabone igihe cyo kwisuzuma kugira ngo arebe ko akiri mu byizerwa. Ntabona n'igihe gihagije cyo gutekereza ku Ijambo ry'Imana no gusenga. Kristo agikora umurimo ku isi, yahuzaga umurimo no gusenga. Yakeshaga amajoro asenga. Abagabura bakwiriye gushaka Imana, bakayisaba Mwuka Muziranenge kugira ngo babashe kubwiriza abantu ukuri nk'uko bikwiriye.¹⁷⁹

Umurimo w'Ubucuruzi Ushoborwa n'Abantu Babifitiye Ubushobozi. Ni ikosa rikomeye cyane kureba umugabura wahawe ubushobozi bwo kubwiriza abantu ubutumwa bw'agakiza, ugomba guhora ku murimo we,

¹⁷⁸ Letter 14, 1887.

¹⁷⁹ Manuscript 127, 1902.

maze ukamuha imirimo yerekeye ubucuruzi. Umuntu ufite Ijambo ry'ubugingo mu ntoki ze ntiyemerewe kugerekwaho imitwaro myinshi....

Ibintu byererekeye amafaranga bigomba guhabwa abantu babifitiye ubushobozi akaba ari bo babicunga nk'uko bikwiriye; ariko ababwiriza n'abavugabutumwa bagomba kurobanurirwa undi murimo. Nimureke imirimo yerekeye amafaranga ihabwe abandi bantu, aho guhabwa abantu batoranyirijwe kubwiriza ubutumwa bwiza bw'agakiza. Abagabura bacu ntibakwiriye kuvunishwa n'imirimo yerekeye ibintu bigurwa mu murimo w'ivugabutumwa ukorwa mu mijyi minini. Abayobozi bashinzwe konferanse na za misiyoni zacu bakwiriye kureba abacuruzi bakurikirana iyo mirimo yerekeye amafaranga n'ikoreshwa ryayo. Niba uwo muntu adashobora kuboneka, hagomba gutegurwa amahugurwa y'abantu babasha kwikorera iyo mitwaro.¹⁸⁰

IGICE CYA 5

GUTEGURA

AMATERANIRO

Y'IVUGABUTUMWA

UBURYO N'IMITEGURIRE

Umurimo Ukomeye ariko Utwaye Amafaranga Make. Ikintu kigaragaza ko umurimo w'Imana uriho ukorwa nk'uko bikwiriye hano ku isi, ni uko urangira utanzweho amafaranga make. Umugambi w'Imana ni uko buri mugabane w'umurimo wayo ukenera undi mugabane, maze gahunda ikaba uruhererekane rumeze nk'uruziga rusobetse mu rundi, byose bigakorera hamwe. Igenda ikoresha ingufu z'abantu, bigatuma Mwuka Muziranenge akora ku nkingi z'imitima zitagaragarira amaso ya kimuntu, maze ijwi ryayo rikarangira kugeza ku mpera y'isi.¹⁸¹

Umusaruro Ukomotse kuri Gahunda Nziza no Gukorera Hamwe. Imana ni Imana igira gahunda. Ibintu byose bifitanye isano n'ijuru biri kuri gahunda itagira amakemwa; kumvira n'imyitwarire iboneye biranga ibikorwa by'abamarayika bose. Kugera ku ntogo bishobora kugerwaho gusa kubwa gahunda no gukora mu bwuzuzanye. Imana isaba ko umurimo wayo n'uburyo bw'imikorere birangwa na gahunda nk'uko byari biri mu gihe cy'Abisiraheli. Abantu bose bakorera Imana bagomba gukorana ubwenge, badakora bya nikize kandi badatera waraza. Imana yifuza ko umurimo wayo ukoranwa ukwizera n'ubuhanga kugira ngo ibashe kuwushyiraho ikimenyetso ko iwemera.¹⁸²

Gukurikiza Gahunda Iteguye Neza. Ni ingenzi rwose gukorera kuri gahunda, mugakurikiza gahunda iteguye neza n'ntego yumvikana. Nta muntu n'umwe wabasha guha amabwiriza abandi keretse gusa igihe abona ko umurimo ugamijwe gukorwa uteguwe kuri gahunda inonosoye kandi ugakorwa ku gihe gikwiriye....

Ingamba zisobanutse neza zikwiriye kubanza kwerekwa abo zigenewe bose, kandi bikaba ngombwa ko zumvikana. Hanyuma abayobozi b'ibyiciro

181 *Manuscript 22, 1897.*

182 *Abakurambere n'Abahanuzi, p. 312.*

bitandukanye bagakorera hamwe mu ishyirwa mu bikorwa ryazo. Ubu buryo budashidikanywa kandi bw'ingenzi bubaye bukurikijwe uko bikwiriye kandi abantu bakabugirira ubwuzu n'ubushake, bwazatuma umurimo munini ukoranwa intego yumvikana, hakirindwa amakimbirane n'ibice mu murimo.¹⁸³

Mutegure Ingamba Zisobanutse. Umurimo mwinjiyemo ntushobora gutungana keretse habonetse imbaraga zikomoka ku mitegurire myiza y'ingamba zisobanutse.¹⁸⁴

Iteganyamigambi, Gahunda n'Amasengesho. Ni icyaha kuba umuntu utagira icyo witaho, utagira gahunda, ukaba ntibindeba mu murimo uwo ariwo wose turarikirwa gukora, ariko by'umwihariko mu murimo w'Imana. Buri rwego rufitanye isano n'umurimo w'Imana rukwiriye kuwuteza imbere rukurikije gahunda, iteganyamigambi, n'amasengesho asenganywe umwete.¹⁸⁵

Umurimo witondewe kandi ukorewe igihe. Biroroshye ko abantu bakora amakosa akomeye igihe batabaye maso kandi ngo bitondere umurimo bakora. Nubwo umutangizi yaba afite imbaraga n'umwete, igihe hatabonetse muri buri cyiciro umuntu wo kugenzura umurimo ukorwa, habaho gutsindwa no kutagera ku ntego mu bice bitandukanye by'umurimo. Uko umurimo ugenda wiyongera, usanga atari byiza ndetse bidakwiriye kwigizayo imirimo ngo abantu bayitege gukorwa ikindi gihe. Ikintu kidakorewe igihe cyacyo, nubwo cyaba umurimo wera cyangwa umurimo usanzwe, amaherezo ntikiba kigikozwe. Uko byamera kose, kugira ngo umurimo ukorwe neza ni uko ukorwa mu gihe cyawo gikwiriye.¹⁸⁶

Buri Wese Akore Inshingano Ye. Imana yahaye buri muntu wese inshingano ye, hakurikijwe impano ze n'ubushobozi bwe. Igenamikorere rishyize mu gaciro rirakenewe kugira ngo buri wese ashyirwe mu murimo akwiriye gukora, kugira ngo ashobore kuwuboneramo ubunararibonye buzamubashisha gukora n'izindi nshingano ziyongereyeho.¹⁸⁷

Mukore nk'Ingabo Zatojwe Zirangwa n'Ikinyabupfura. Nimwibukeko dukorana n'Imana. Ntidufite ubwenge buhagije bwatuma tubasha gukora twenyine. Imana yatugize ibisonga byayo, kugira ngo idusuzume, itugerageze, nk'uko yabikoreye Abisiraheli. Ntishaka ko ingabo zayo zibamo abantu batarangwa n'ikinyabupfura, batejejwe, batarangwa na gahunda, abantu babasha kwerekana nabi gahunda no kwera byayo.¹⁸⁸

Umurimo Uteguranywe Ubwenge n'Ubuhanza. Dukeneye ubuhanga n'ubushobozi bituma tureba kure kandi tukagira iteganyabikorwa rituma umurimo ukorwa mu bwuzuzanye. Dukeneye abakozi batari abacanshuro,

183 *Manuscript 24, 1887.*

184 *Letter 14, 1887.*

185 *Review and Herald, March 18, 1884.*[Urwibutso n'Integuza].

186 *Manuscript 24, 1887.*

187 *Letter 45, 1889.*

188 *Review and Herald, October 8, 1901.*

badategereje gukorera inyungu, ahubwo bitanga kugira ngo Imana ihabwe ikuzo, n'umurimo urusheho kuja mbere mu byiciro binyuranye. Ayo ni amahirwe y'ingenzi kuri abo bakozi kugira ngo ukwitanga kwabo kugaragarire mu murimo w'Imana, hamwe n'ubushobozi bwabo. Buri muntu yahawe umurimo agomba gukora, atari ukwishakira icyubahiro, ahubwo ari ukwerereza icyubahiro cy'Imana.¹⁸⁹

Iteganyabikorwa Ryiza Riturinda Umunaniro w'Akazi. Ndatara umwete abakozi ngo bajye bakora iteganyabikorwa ryiza kugira ngo birinde umunaniro w'akazi gakabije.¹⁹⁰

ITSINDA RY'ABAKOZI MU MURIMO W'IBWIRIZABUTUMWA

Itegurwa ry'Amatsinda Akora Umurimo. Imana iravuga iti: "Nimwinjire mu mijyi. Nimuhamagare abaturage baho baze mubagezeho ubutumwa bw'imbuze, bitegure kugaruka k'Umwami wacu. ...

Abantu benshi batuye imijyi ntibaramurikirwa n'umucyo w'ubutumwa bwiza. Abantu birengagiza kuvuga ubutumwa bw'imbuze buheruka mu minsi iri imbere bazabyicuza cyane. Ubutumwa mbahaye ni ubu: "Nimutegure amatsinda y'abantu maze binjire mu mijyi. Nimushake amazu mukodesha, aberemo amateraniro. Nimutange ibitabo byacu. Nimukoreshe imbaraga zose kugira ngo mugere ku bantu bose."¹⁹¹

Itsinda ry'Abakozi muri buri Mujyi Munini. Muri buri mujyi munini, hakwiriye gutegurwa itsinda ry'abakozi barangwa no kugira gahunda n'imyitwarire mbonera. Ntabwo ari umuntu umwe gusa cyangwa babiri ahubwo ni itsinda ry'abantu batoranijwe, bakabategurira gukora uwo murimo...

Buri tsinda ry'abakozi rigomba gukurikiranwa n'umuyobozi ubifitiye ubushobozi. Byaba byiza mubabwiye ko na bo ari ababwirizabutumwa nk'abandi, mu mvugo yuzuye. Umurimo nukorwa muri ubwo buryo hazaboneka umusaruro uhiriwe n'Imana.¹⁹²

Hakenewe Impamo Zitandukanye. Imana ishaka ko umurimo wo mu mijyi ukorwa n'abantu bashyize hamwe kandi bafite ubushobozi butandukanye. Abo bakozi bese bagomba kurangamira Yesu akababera umuyobozi aho gushakira ubwenge ku mwana w'umuntu, kuko ashobora kubayobya, bagakora amarorerwa.¹⁹³

Amatsinda Yahuguwe Neza. Hakwiriye kubaho amatsinda cyangwa se imitwe y'abantu yateguwe neza, bagahabwa amahugurwa mu mashami atandukanye, kugira ngo bakore imirimo itandukanye: abaforomo/cyangwa abaforomokazi, ababwirizabutumwa, abapasitoro, ababwiririsha ubutumwa

189 Manuscript 25, 1895.

190 Letter 17, 1902.

191 Letter 106, 1910.

192 Medical Ministry, p. 300, 301 (1892). [Umurimo w'ubuvuzi]

193 Testimonies, vol. 9, p. 109 (1909). [Ibiamya]

ibitabo, n'abigishwa b'iby'ubutumwa bwiza. Ayo matsinda yose atozwa kugira imico mbonera isa n'iy'ab'ijuru.¹⁹⁴

Umuyobozi Ukwiriye Gukoresha Umurimo. Nimureke umuntu wese ubishoboye kandi ubishaka akore. Umuyobozi mwiza si uwiharira imirimo ngo ayikore wenyine, ahubwo ni ukoresha abo ayobora imirimo myinshi¹⁹⁵...

AKAMARO K'UBUJYANAMA BUGENDANA NO GUSENGA

Gukemura Ibibazo Hakoreshejwe Inama no Gusenga. Abantu bari ku rugamba bashobora guhura n'imatego ndetse n'ingorane. Ntibakwiriye kumva ko buri gihe bashobora kubona amabwiriza aturutse ibukuru. Bakwiriye gukora uko bashoboye kose, igihe cyose bahuye n'ibibazo runaka, bagahurira hamwe maze bakungurana ibitekerezo, kandi bagasengera hamwe, bagasaba Imana babikuye ku mutima kugira ngo ibahe ubwenge mvajuru. Bakwiriye guhuriza hamwe ingufu zabo zose.¹⁹⁶

Inama Nyinshi. Dukurikije imiterere y'umurimo wo kwamamaza ubutumwa mu mijyi minini, hari imirimo myinshi igomba gukorwa kandi igakorwa n'abantu bafite impano zitandukanye. Bamwe bakora umurimo uyu n'uyu abandi bagakora undi, bityo bityo... Nk'uko ari abakozi bakorana n'Imana, bakwiriye gushyira hamwe, bakabana neza. Hakwiriye kubaho inama za buri gihe, bakagira imikoranire myiza irangwa n'umurava n'ubufatanye buvuye ku mutima. Kandi bese bakwiriye kureba kuri Yesu akaba ari we ubaha ubwenge, aho kuyoborwa n'abana b'abantu bonyine.¹⁹⁷

Mwene Data Nagishe Inama Mwene Se. Nk'abakozi bakorere Imana imwe, dukwiriye kujya tugishanya inama kugira ngo tubone umuti w'ingorane duhuye na zo. Ni byiza ko umuvandimwe yajya agisha inama mwene Se kandi ni amahirwe twaba dufite turamutse tugenje dutyo, tugapfukama tugasengera hamwe, tugasaba ubwenge n'inama mvajuru. Ariko kwiringira ko ijwi ry'umuntu umwe wenyine rishobora kugira imbaraga yakuyobora, ni ikosa ribabaje.¹⁹⁸

Ikosa Ryagaragaye. Mu murimo abantu bakora hagomba kubaho akanama ngishwanama, abantu bakagishanya inama. Nta muntu ukwiriye kwiharira ikibazo ngo agikemure uko abyumva, akurikije ibitekerezo bye keretse aramutse afite umutungo we bwite akuramo kugira ngo akemure ibyo bibazo... Neretswe ko atari byiza gushyira imicungire y'uyu murimo mu maboko y'abantu badafite ubunararibonye. Abantu batamenyereye uyu murimo, ntibakwiriye guhabwa inshingano ziremereye kabone nubwo bo batekereza ko bazishobora. Bene Se bamureba bashobora kumubonamo inenge mu gihe we atekereza ko ari nta makemwa.¹⁹⁹

194 *Testimonies*, vol. 9, p. 171-172 (1909). [Ibihamya]

195 *Letter* 1, 1883.

196 *Letter* 14, 1887.

197 *Testimonies*, vol. 9, p. 109 (1909).

198 *Letter* 186, 1907.

199 *Review and Herald*, December 8, 1885.

Abagabura Bakwiriye Kugira Igihe cyo Gusenga. Neretswe ko ngomba kubwira abantu bacu gukora uko bashoboye kose kugira ngo bakize ubugingo bw'abantu. Dukeneye kongererwa ukwizera. Abizera b'itorero ryacu, bakwiriye gutanga igihe cyo gusengera abagabura b'ubutumwa bwiza. Abagabura na bo ubwabo bakwiriye gutanga igihe bakisengera kandi bagasengera n'ubwoko bw'Imana, ubwo bahamagariwe gukorera.²⁰⁰

Ibihe by'Amasengesho Bitera Abantu Umwete. Nk'abakozi bafite umugambi umwe, dukwiriye gushaka Uwiteka turi hamwe. Twebwe ubwacu ntacyo twakwishoboza, ariko iyo turi muri Kristo, dushobora gukora ibintu byose. Imana ihitamo ko tuba abafasha ba bagenzi bacu kandi buri muntu akabera undi umugisha, ibyo bikazatuma tugira ubushobozi mu Mana no mu mbaraga z'Ishoborabyose. .. Imana yacu iriho kandi ihora ku ngoma; izadufasha mu byo tuzakenera byose. Nuko rero ni amahirwe twifitiye yo guhora tuvoma imbaraga n'umwete mu isezerano yaduhaye. Yarivugiye ati: "Ubuntu bwanjye buraguhagije." (2 Abakorinto 12:9).²⁰¹

UBUMWE MU MPANO ZITANDUKANYE

Umugambi w'Imana mu Mpano Zitandukanye. Mu bintu byose Imana yateguriye umwana w'umuntu nta cyiza cyaruta umugambi wayo wo guha abagabo n'abagore impano zitandukanye. Itorero ni umurima wayo, yashyizemo ibiwurimbisha bigizwe n'ibiti by'amoko atandukanye, ibindi bimera n'uburabyo. Ntabwo Imana ishaka cyangwa iteze ko agati ka ezobu kangana n'igiti cy'isederi, cyangwa se ko umwerayo wakura ngo ugere mu bushorishori bw'umukindo mwiza cyane. Abantu benshi si ko bahawe amahugurwa ahagije ku byerekeye iyobokamana n'ubuhanga bwigirwa mu ishuri, ariko Imana ifite umurimo ishaka gukoresha abantu bari muri urwo rwego nibaramuka bemeye kwicisha bugufi no kuyizera.²⁰²

Imico Itandukanye nk'uko Uburabyo Budasa. Ku moko atandukanye y'uburabyo n'ibindi bimera dushobora kuhigira icyigisho cy'ingenzi. Ntabwo uburabyo bwose buteye kimwe kandi ntibusa. Bumwe muri bwo bufite ubushobozi bwo kuvura indwara mu gihe ubundi buhora butanga umubavu cyangwa bukwirakwiza impumuro nziza. Hari abantu bavuga ko ari abakristo kandi batekereza ko ari inshingano yabo guhindura abandi bakaba abakristo ngo bagire imyitwarire nk'iyabo. Uyu mugambi ni uw'umuntu, uhabanye n'umugambi w'Imana. Mu itorero ry'Imana hari icyumba giteraniyemo imico itandukanye nk'uko uburabyo budahuje imiterere n'ishusho buteranira mu murima umwe. Mu murima w'Imana mu by'umwuka harimo uburyabyo bwinshi butandukanye.²⁰³

Imitekerereze n'Ibitekerezo Bitandukanye. Abantu bagira imitekerereze itandukanye n'ibitekerezo bitandukanaye, ariko imitima

200 Letter 49, 1903

201 Historical Sketches, p. 129, 1886.

202 Letter 122, 1902.

203 Letter 95, 1902.

yabo igahurira ku nsanganyamatsiko imwe ari yo, "guhindura abantu bakakira ukuri," kukabageza ku musaraba wa Yesu Kristo.²⁰⁴

Impano Zihariye mu Murimo Wihariye. Umukozi umwe ashobora kuba afite impano yo kuvuga neza, undi afite impano y'ubwanditsi, undi afite impano yo kuba umunyakuri, undi afite impano yo kugira umwete cyangwa umurava mu byo akora, undi afite impano yo kugira umwete mu gusenga, undi afite impano yo kuririmba, undi afite impano yo gusobanura Ijambo ry'Imana mu buryo bwumvikana. Buri mpano igomba guhinduka imbaraga ikorera Imana kubera ko Ikorana n'umukozi wayo wese. "Umwe aheshwa ijambo ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijambo ryo kumenya, undi agaheshwa n'uwo Mwuka kwizera. Impano zitandukanye zikora imirimo itandukanye ariko yuzuzanya. "Ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe." 1 Abakorinto 12:8-10, 6.

Imana ishaka ko abagaragu bayo yitoranyirije biga uburyo bwo gukorera hamwe bagahuza ingufu zabo. Bishoboka ko kuri bamwe bitakoroha kuko impano zabo zidafite ihuriro. Umwe arareba agasanga mugenzi we afite impano ikomeye mu gihe undi afite iyoroheje, bakibaza ukuntu bazazihuza, bagakorera hamwe. Ariko icyo bakwiriye kwibuka ni uko abantu dushaka kugezaho ubutumwa bafite imitekerereze itandukanye kandi ko bamwe bashobora kwanga kwakira ukuri nyako bitewe n'uko yabugejejweho n'umukozi umwe, ariko iyo ubutumwa buvuzwe n'abantu batandukanye, bakoresheje uburyo butandukanye bituma ababubwirwa bakira ukuri nyako kw'Imana. Iryo hame rikwiriye kubabera amendeze n'ibyiringiro byo gukorera hamwe, bahuje umutima. Nubwo impano zabo zose zitandukanye, zigomba kuyoborwa n'Umwuka umwe. Umwuka w'Imana azagaragarira mu ijambo ryose, mu gikorwa cyose, mu bugiraneza bwose no mu rukundo rwose. Kandi uko umukozi w'Imana azajya arangiza inshingano ye akiranuka, isengesho Kristo asabira abakozi be ngo babe umwe rizasubizwa kandi ab'isi ni ho bazamenyera ko ari abigishwa be. ...

Abakozi bakora mu mijyi minini bakwiriye gukora imirimo yabo itandukanye kandi bagakorana umwete kugira ngo bazabone umusaruro ushimishije. Bakwiriye kuvuga ubutumwa bafite ukwizera kandi bakagukoreramo kugira ngo bahindure abantu babwira ubutumwa. Ntibakwiriye guhina umurimo bashingiye ku bitekerezo byabo. Iryo kosa twararikoze mu myaka yashize kandi byatubije umusaruro wari witezwe. Tuje duhora twibuka ko Imana ifite uburyo bwinshi ikoresha mu murimo wayo, kandi twibuka ko ifite abakozi batandukanye yahaye impano zitandukanye.²⁰⁵

Satani Abiba Amacakubiri mu Bakozi. Uko tuzatangira umurimo wo kubwiriza inteko y'abantu batuye mu mijyi, umwanzi azakoresha imbaraga ze zose kugira ngo abibe urujijo mu myumvire, yiringira ko nagenza atyo imbaraga zashyizwe mu murimo zizacikamo ibice. Abakozi batahindutse

²⁰⁴ Letter 31, 1892.

²⁰⁵ Testimonies, vol. 9, p. 144-146 (1909).

mu buryo bwuzuye bahora mu kaga ko kwitiranya inama zitangwa n'umwanzi n'izitangwa n'ubuyobozi bwa Mwuka w'Imana. Kubera ko Imana yaduhaye umucyo, nimutyo natwe twugenderemo.²⁰⁶

Itondere Imigambi ya Satani. Ntabwo abantu bashinzwe kuyobora cyangwa gukora umurimo bazitwara kimwe. Ntibazagira amashuri angana cyangwa ngo bige ibintu bimwe, kandi ntibazahuza umugambi kubera ko bazaba bafite imico itandukanye, keretse baramutse bafite amahirwe yo guhinduka buri muni, ni bwo bashobora kuzahuza maze bagakorera hamwe.

Buri muni Satani aba afite umugambi ashyira mu bikorwa. Azashyira imitego mu nzira ngo abahamya ba Yesu Kristo bafatwe mpiri. Keretse abakozi ba Kristo nibicisha bugufi, bakarangwa n'ubugwaneza, kandi bakiyoroshya mu mutima, bitewe n'uko bigiye kuri Yesu, naho ubundi byanze bikunze bazahura n'ibigeragezo igihe cyose bazaba bakiriho; kubera ko Satani ahora aryamiye amajanja, yiteguye gukoresha uburyarya n'uburiganya ku buryo abakozi batari abanyamasengesho bazatungurwa. Arabiba nk'uko umujura yiba abantu nijoro, akabafata mpiri maze akabagira ingaruzwamuheto. Nuko agakorera mu mitekerereze y'abantu, agahindura ibitekerezo byabo maze akabaha umurongo ngenderwaho mu byo bakora. Iyo bene Data babonye ikibi gikorwa bakakivuga, bumva ko mugenzi wabo yabakomerekeje, umwe muri bo akagerageza kubaca intege no kubera inzitizi ubutumwa bavuga. Nuko buri muntu agakora akurikije uburyo bwe undi ubwe, ntibahuze icyerekezo.

Umurimo w'ukuri waratanganzwe, amafilime cyangwa senema z'ibinyoma zarakozwe kandi Satani yarabyishimiye. Iyo umuntu aza gutereranwa muri kamere ye, Imana ntikomeze kumutonesha no kumugaragariza urukundo imufitiye ngo muri iyo kamere hasigaremo ibisigisigi karemano byo kwiubaha, Uwituka yashoboraga gukoresha iyo mico itandukanye ngo ikore umurimo mwiza kandi mugari. Kuba impano zabo zari kuba zitandukanye ariko bakunga ubumwe muri Kristo, byari gutuma bagira imbaraga, bityo, bagahinduka ingirakamaro. Nk'uko amashami y'umuzabibu agira akamaro mu murima umwe, ni nako n'amatsinda yabo atandukanye yashyirwa mu itorero rimwe maze akera imbuto nziza. Muri izo mpano zitandukanye hakwiriye kubaho ubumwe kuko ari abafatanyabikorwa bafite inshingano yo kugaburira no gukungahaza uruzabibu.

Imana ntishimishwa n'imikoranire yaranze abakozi mu bihe byashize. Ntabwo ishobora kubasukaho Umwuka Wera wayo kuko bakora umurimo bakurikije uburyo bishyiriyeho kandi ibaha uburyo bagomba gukurikiza. Satani azabateza ubwihebe n'ibigeragezo bikomeye byo kubaca intege kandi akoreshe urugaga rw'inkozi z'ibibi, ariko mujye mwibuka ko « muri abavandimwe muri Yesu Kristo » kandi mujye muzirikana ko iyo muhaye

²⁰⁶ Manuscript 13, 1910.

akito imico mibi ikabinjiramo, bigatuma umuntu aca intege mugenzi we, muba mucumuye ku Mana.²⁰⁷

Nimwihutishe Umurimo Mufatanyije, Nimwihutishe Umurimo Mufatanyije. Kwikunda, ubwibone no kwiyezera ni byo muzi w'ibigerageze bikomeye no kwirema ibice bitigeze kubaho mu matorero yo ku isi. Marayika yongeye kumbwira ati: «Nimwihutishe umurimo mufatanyije, nimwihutishe umurimo mufatanyije, mugire imitekerereze imwe kandi mushyire mu gaciro kimwe.» Kristo ni we muyobozi wacu kandi namwe muri abavandimwe muri we; nimumukurikize.²⁰⁸

Kurwanira Ubuyobozi. Nimwunga ubumwe, mugafatanishwa umurunga w'urukundo ruva ku Mana, buri muvandimwe azajya aha mugenzi we ubufasha bushoboka bwose azaba amukeneyeho...

Kurwanira ubuyobozi bizana umwuka mubi, iyo abantu batawuburijemo hakirikare, amaherezo uzavutsa ubwami bw'Imana abazaba barawushyigikiye. Amahoro ya Kristo ntashobora gutura mu bwenge no mu mutima w'umukozi usebya cyangwa usenya mugenzi abitewe n'uko adakora nk'uko atekereza cyangwa bitewe n'uko yumva atamwishimiye kubera impamvu runaka. Uwituka ntabwo aha umugisha umuntu ujora kandi ureguza mwene se, kuko uwo murimo ari uwa Satani, ni we murezi wa bene Data.²⁰⁹

Guha Agaciro Impano z'Abandi. Bene Data, nimugerageze kuba abagaragu ba Kristo. Nimureke kwitwaza akabando k'iby'umwuka ngo bitume mwishyira hejuru, ahubwo nimwimenyereze kugendera mu buntu tugirirwa bitewe no kwicishia bugufi. Nimwitandukanye n'ikibi cyose waba ukeka ku bandi maze wishimire guha agaciro impano Imana yahaye bene So.²¹⁰

Kudahuza Imiterere Ariko Mukunga Ubumwe mu by'Umwuka. Mu rugo rwacu nta makimbirane abayo, nta namagambo agaragaza kutihangana avugirwa mu rugo rwacu. Abakozi banjye ntibateye kimwe mu mitekerereze kandi uburyo bakoresha buratandukanye ariko duhuza imikorere kandi tukunga ubumwe mu by'umwuka, duhirimbanira gufashanya no gutizanya imbaraga. Tuzi neza ko tudashobora kuzana umwuka w'amacakubiri cyangwa amakimbirane bitewe n'uko dufite imiterere itandukanye. Turi abana bato b'Imana, dukwiriye kuyisaba ngo idufashe kubaho, tutishimisha ubwacu cyangwa ngo dukurikize uburyo twihimbiye, ahubwo ngo tubashe kuyishimisha no kuyihesha icyubahiro.²¹¹

KWEMERA UBURYO BW'UMUNTU BURENZE BUMWE

Impano Zitandukanye Ariko Zihurijwe Hamwe. Mu kwishyira hamwe kwacu, dukwiriye kwibuka ko tudafite impano zihuye, kimwe n'uko tudafite

207 Letter 32, 1892.

208 Letter 4, 1890.

209 Manuscript 21, 1894.

210 Letter 125, 1903.

211 Letter 252, 1903.

imyifatire imwe. Abakozi batandukana mu byemezo bafata no mu bitekerezo byabo. Impano zitandukanye ariko zihurijwe hamwe ni ngombwa cyane kugira ngo umurimo ushobore gutanga umusaruro. Dukwiriye kwibuka ko umuntu ashobora kurangiza inshingano ze nk'uko bikwiriye kurenza abandi. Umukozi werekanye ubushobozi bwo gukora umurimo runaka cyangwa se udasanze, ntakwiriye kubiharaho ngo avebe bagenzi be kubera ko bo batabishoboye, kuko ashobora kubikora bitewe n'uko abifitemo uburambe cyangwa bikamworohere. Mbese nta bindi bintu bagenzi be bashobora gukora bikagenda neza kurusha uko wa wundi yabikora?

Impano zitandukanye Uwitaka Imana yahaye abagaragu be zirakenewe mu murimo wayo. Ibikoresho bitandukanye by'umurimo bigomba guhurizwa hamwe, igikoresho ku kindi, maze bikabyara umurimo wuzuye. Ibikoresho byose ntibiteye kimwe kandi ntibyakoze mu buryo bumwe. Ibyiciro abakozi b'Imana bakoramo biratandukanye kandi buri cyiciro gifite ibikorwa byacyo, ariko intego ikaba umwe.²¹²

Impano z'Umuntu Umwe Ntizihagije. Ntihakagire umuntu wiyumvamo ko impano ye yonyine ihagije ku buryo yarangiza umurimo w'Imana; ngo yiyumvishe yuko we wenyine ashobora kuyobora uruhererekane rw'amateraniro akayarangiza kandi umurimo ukagenda neza. Uburyo akoresha bushobora kuba ari bwiza, ariko kandi impano zitandukanye ni ngombwa cyane; kuko ubwenge bw'umuntu umwe budashobora gushyira ibintu ku murongo neza ngo umurimo ukorwe neza nk'uko bikwiriye. Kugira ngo umurimo wubakwe kandi ukomere impande zose, bisaba ko ukorwa n'impano zitandukanye n'abantu batandukanye, ariko bayobowe n'Imana. Imana ubwayo yiteguye kwigisha abo bantu ikurikije ubushobozi bwabo bwinshi butandukanye. Gukorera hamwe no kunga ubumwe ni ibintu bikenewe kugira ngo umurimo ube ukoze mu buryo bwuzuye kuko buri muntu akora umurimo Imana yamuhaye, agakora ibimureba kandi akuzura mugenzi we aho afite intege nke. Umukozi wiha gukora umurimo wenyine aba ari mu kaga niba atekereza ko impano ye yonyine ihagije ku buryo yarangiza umurimo.

Iyo abakozi bahuriye hamwe, baba bafite amahirwe yo kubazanya ku byo badasobanukiwe, bagasengera hamwe, kandi bagakorera hamwe. Nta muntu wari ukwiriye kwiyumvamo ko adashobora gufatanya na bene Se bitewe n'uko amashami bakoramo atandukanye ho buke.²¹³

Aho Umwe Agize Intege Nke, Undi Aramwunganira. Imana ikorana n'abagabura bafite ubushobozi butandukanye kugira ngo bashobore kuragira umukumbi wo mu murage wayo, ngo bawuhe ibyokurya biwukwiriye. Bazagaragaza ukuri nyako kuzuye ku bintu bene Se batigeze baha agaciro. Iyaba umurimo wo kugaburira umukumbi wari mu maboko y'umuntu umwe gusa, nta musaruro waboneka. Ku bw'ubuntu n'imbaraga

²¹² Letter 116, 1903.

²¹³ Special Testimonies, Series A, No 7, pp. 14, 15 (1874).

zayo, Imana yohereza abakozi batandukanye. Umwe aba afite ibyo ashoboye ariko undi akaba afite ibyo azi buhoro, bagakora mu bwuzuzanye.²¹⁴

Ntukabuze Inziga Kugenda. Hariho abantu bafite imitekerereze idakura ikurikije uko umurimo ukura, ahubwo bakareka umurimo ugakura kurenza uko babibona. ... Abo bantu badashyira mu gaciro ngo bagendane n'umuvuduko w'umurimo ngo barebe niba hakenewe ibirenze ibyo basanzwe basabwa, ntibari bakwiriye kubangamira inziga zatangiye kwikaraga ngo babuze abandi kujya mbere.²¹⁵

Uburyo Bukeneye Kunozwa. Ntihakwiriye kubaho amategako ndakuka; umurimo wacu uhora ukuza amajyambere, kubera iyo mpamvu, hakwiriye kubaho ahantu hateganyijwe ho gushyirwa uburyo bukeneye kunozwa cyangwa gusanishwa n'igihe. Ariko kubwo kuyoborwa na Mwuka Muziranenge, gahunda yo guhuza impano zitandukanye izahoraho.²¹⁶

Uburyo Butandukanye Bukoreshwa Kuva Kera. Umutungo dufite ugomba gusaranganywa kugira ngo ubutumwa bugere ku bantu benshi. Bumwe mu buryo bukoreshwa muri uyu murimo buzatandukana n'ubwakoreshwaga mu bihe byashize. Kubera iyo mpamvu, ntihakagire unegura cyangwa ngo ajore uburyo bukoreshwa ngo abere inzitizi iterambere ry'umurimo.²¹⁷

Amaraso Mashya mu Mikorere ya Kera. Abantu bakenewe ni abantu basenga Imana kugira ngo ibahe ubwenge, kubwo kuyoborwa n'Imana, abantu bashobora gushyira amaraso mashya mu buryo bw'imikorere bwa kera, kandi bagashobora gutegura igenamigambi mishya n'uburyo bushya byo gukangura abizera bo mu itorero ngo bagire ishyamba ry'umurimo maze babwirize ubutumwa, bugere ku bagabo n'abagore bo ku isi yose.²¹⁸

Kubangamira Ubushobozi bw'Imana. Uburyo bwo gutegura igenamigambi rikozwe kandi rishingiye ku muntu umwe rikanagenda kuri gahunda ze ntacyo bwageraho kandi kurishyira mu bikorwa ntibyashoboka haba kuri we cyangwa no ku bandi. Ubwo buryo si bwo Imana ikoresha. ... Igihe umuntu umwe atekereza ko ubwenge bwe buhagije ku buryo bwakora umurimo w'Imana ukagera hose, akizera ko ubushobozi bwe buzakora umurimo bigatanga umusaruro ushimishije, bene uwo muntu aba abangamira ubushobozi bw'Imana bwo kurangiza umurimo wayo ku isi.

Imana ikeneye abagabo n'abagore bazakora umurimo bicisha bugufi nk'uko Kristo yitwaraga, bakamenyesha abantu ukuri nyako, bakeneye guhindurwa n'ubushobozi bwako. Ariko iyo hashyizweho umurongo umwe rukumbi ugomba gukurikizwa muri gahunda yo kumenyesha abantu

214 *Manuscript* 21, 1894.

215 *Letter* 45, 1889.

216 *Review and Herald*, July 23, 1895 [Urwibutso n'Integuza].

217 *Review and Herald*, September 30, 1902 [Urwibutso n'Integuza].

218 *Manuscript* 117, 1907.

ubutumwa bw'ukuri nyako, haba hashyizweho inzitizi ibangamira agaciro cyangwa se akamaro k'abakozi benshi.²¹⁹

Irinde Gutsimbarara. Abakozi b'Imana bakwiriye gukora ku buryo bakora ibintu bitandukanye. Ni ukuvuga ko imico yabo igomba kwaguka ntikomeze kuba uko yahoze, ntibakomeze kugendera ku gitekerezo kimwe, ngo bahorane uburyo bumwe bw'imikorere. Kandi amagambo y'ubuvugizi bwerekeye ubutumwa bw'ukuri nyako bakayategura bakurikije urwego rw'abagenerwabutumwa. Bagomba kandi gutegura ubutumwa bavuga bakurikije igihe barimo.²²⁰

Uburyo Bugenwa n'Urwego Abantu Barimo. Ntidukwiriye kwibagirwa ko gukoresha uburyo butandukanye mu myigishirize ari ngombwa kugira ngo tubashe gukiza ubugingo bw'abantu benshi.²²¹

Mufite ahantu haruhije mu mikorere; ariko ubutumwa bwiza bw'agakiza ni imbaraga y'Imana. Urwego rw'abantu mwiguye kubwira, uko rwaba ruteye kose, Imana ni yo ibahitiramo uburyo bwiza bwo gukoresha mu murimo wayo kugira ngo uzarangire.²²²

Reka Gusenya Umurimo wa Mugenzi Wawe. Mwibuke ko turi abakozi bakorana n'Imana. Imana ni Nyirububasha kandi ni yo ituma dutera intambwe. Abakozi bayo ni ibikoresho byayo. Ntibakwiriye gusenya umurimo wa mugenzi wabo cyangwa ngo bawuteshe agaciro, buri muntu akora akurikije igitekerezo cye. Bakwiriye gukorera hamwe, bagafatana urunana ku rugamba, bakarurwana barangwa n'ubugwaneza, bubahana, bakarurwana kivandimwe kandi bakundana. Hakwiriye kwirindwa ikintu cyose cyerekeye kujorana cyangwa kunnyega icyo mwene so yakozwe, nta gusenya umurimo wakozwe na mugenzi wanyu. Mwese mukwiriye gukorera hamwe muteza umurimo imbere.²²³

Umuburo ku Bakozi Bafite Ubunararibonye. Mpawe itegeko ryo kubwira bene Data b'abakozi bamaze iminsi mu murimo aya magambo: «Mugendane n'Imana mwicisha bugufi. Nimureke kuba abarezi ba bene Data. Musabwa gukora umurimo mwahamagariwe, muyobowe n'Imana ya Isirayeli. Ingeso yo kugaya no kujorana ni akaga gakomeye umuntu wese atifuza kugira. Bene Data mugerageza kujora no gusebya bahamagariwe kwikorera umutwaro w'inshingano mutari gushobora; ariko mushobora kubabera inyunganizi. Muramutse mubishatse, mwakora umurimo utangaje mwerekana uko mwakoraga mu bihe byashize, mukabigereranya n'ibyo abandi bakora muri iki gihe. Umwami Imana ntiyahaye umuntu n'umwe muri mwe inshingano yo gukosora no gucira bene So urubanza. ...

Nimukomeze mukurikirane bene So kugira ngo bamenye Imana. Nimwifatanye n'abantu bikoreye umutwaro uremereye kandi mubatere

219 Letter 404, 1907.

220 Letter 12, 1887

221 Review and Herald, April 14, 1903 [Urwibutso n'Integuza]

222 Letter 97a, 1901.

223 Review and Herald, December 11, 1900 [Urwibutso n'Integuza, 11 Ukubozza, 1900].

umwete aho mushoboye hose. Amajwi yanyu akwiriye kumvikana mu rwunge rwunze ubumwe, aho kumvikana mu makimbirane.²²⁴

ISHURI RY'AMAHUGURWA RYA MISIYONI YO MU MUJYI

Gushyiraho Urufatiro rw'Umurimo. Mbere y'uko umuntu ategurirwa kuba umwigisha wo kuzigisha ukuri abantu bariho barindagirira mu mwijima, agomba kubanza kuba umwigishwa. ... Igihe cyose hari umurimo udasanze ugomba gukorera ahantu h'ingenzi, hakwiriye gutegurwa uburyo bw'imikorere bufite gahunda, kugira ngo abifuza kuba ababwiririsha ubutumwa ibitabo n'abamenyereye gutanga ibyigisho bya Bibiliya mu ngo bahabwe amabwiriza n'amahugurwa bakeneye. ...

Misiyoni zacu zikwiriye kugira amashuri ahugura abitegura kwinjira mu murimo. Bakwiriye kumva ko bagiye guhinduka abatangizi mu ishuri ryo kwiga umwuga werekeye gukora umurimo wo guhindura ubugingo bw'abantu. Hagomba kubaho inyigisho zitandukanye. Isomo ryo kwiga Bibiliya ni ryo rigomba kuba iry'ingenzi bakaribangikanya n'ibyerekereye imitekerereze n'uburyo bwo gukora kugira ngo bamenye uko bajya bitwara igihe barimo kuvugana n'abantu batari bamwe. Bose bakwiriye kwigishwa uburyo bwo gukora umurimo mu buryo bw'ubuhanga n'ikinyabupfura, kandi bagakorana n'Umwuka wa Kristo.²²⁵

Guhugura Abakozi mu Gihe cy'Amavuna. Igihe cy'amavuna, hakwiriye kujya hategurwa gahunda yo guhugura abakozi mu Ishuri rya Bibiliya. Guhuza iyo gahunda n'ishuri ryo guhugura cyangwa se ishuri rya misiyoni yo mu mujyi, byazatuma igenda neza. Abasobanukiwe bihagije mu by'umwuka, bashobora gutanga ibyigisho bya Bibiliya buri muni kandi bakabihuza n'amavuna. Uko abagabo n'abagore bemera ubutumwa bagahinduka, abayobozi b'umurimo ku rwego rwa misiyoni bakwiriye kugira igihe cyo gusengera hamwe n'abo bantu, bakabereka ukuntu umuntu ahabwa imbaraga mu mutima ikomotse ku kuri yemeye. Uwo murimo ubaye ukozwe n'abantu babihugukiwe, bakabikorana ubwenge, wazahinduka umucyo umurikira ahantu hacuze umwijima.²²⁶

Ishuri rya Misiyoni Rikora. Mwene Data na Mushiki wanjye Haskell bakodesheje inzu mu gace kamwe mu duce tugize umujyi, batoranya umuryango wo kubatera inkunga, ukajya ubafasha buri muni, wigisha abantu gusoma Bibiliya, kugurisha inyandiko zacu, kandi bagakora umurimo wo kuvura mu rwego rw'ibwirizabutumwa. Mu gihe cyo gusenga, abakozi batekererezaga abandi ibyerekereye imibereho bagize mu murimo wabo. Kwiga Bibiliya bigakomeza gukorwa mu miryango. Abasore n'inkumi, kubwo ubufatanye na misiyoni, bigishwa uburyo bwo kuyobora gahunda yo gusoma Bibiliya no kugurisha ibitabo byacu. Imana yahaye umugisha umurimo wabo kandi umubare munini w'abantu bakiriye ukuri nyako kandi hari abantu benshi bishimiye ubwo butumwa...

224 Letter 204, 1907

225 Review and Herald, June 14, 1887 [Urwebutso n'Integuza].

226 Gospel Workers, pp. 364-365.

Umurimo nk'uwo ukwiriye gukorwa no mu yindi mijyi myinshi. Abasore bazajya gukoraye umurimo, bazayoborwa n'abo bantu bamaze kumenyera, b'abayobozi berejwe uwo umurimo. Nimureke abakozi bacu bakodesherezwe amazu meza kugirangobajye bahabonera amahugurwa...²²⁷

Gufatanya n'Umukozi Ubimenyereye. Imana irahamagara abapasitoro, abigisha ba Bibiliya, n'ababwiririsha ubutumwa ibitabo. Nimureke abasore n'inkumi bacu bajye mbere mu umurimo nk'abavugabutumwa n'abigisha ba Bibiliya, bafashijwe n'umukozi ufite ubunararibonye, ushobora kuberekera uburyo bwo gukora umurimo kandi ukagera ku musaruro.²²⁸

Uburyo Kristo Yakoresheye mu Guhugura. Ubufatanye bwa Kristo n'abigishwa be bwatumaga abigishwa bahugurirwa uburyo bufatika bwo gukora umurimo w'ibwirizabutumwa. Bitegerezaga ukuntu yabwirizaga abantu ubutumwa bw'ukuri nyako n'ukuntu yakemuraga ibibazo by'urujijo byabaga bivutse mu umurimo we. Barebaga ukuntu agenda akiza abarwayi aho yajyaga hose kandi bumvaga ukuntu abwiriza abakene ubutumwa bw'agakiza. Muri iki gihe cyacu, tugomba kwifashisha ibyanditswe ku mibereho Ye, maze twese tukajya dukurikiza uburyo yakoresheye mu umurimo w'ibwirizabutumwa.²²⁹

Amahugurwa Akwiriye Yongera Umusaruro. Umukozi umwe wahawe amahugurwa kandi akiga mu ishuri ryigisha abantu umurimo, uyoborwa n'Umwuka wa Kristo, azarangiza ishingano ze mu buryo bw'indashyikirwa kurusha abakozi cumi batangira umurimo kandi nta bumenyi bafite no kwizera kwabo kugerwa ku mashyi. Uzakora umurimo akurikiza inama y'Imana kandi akunga ubumwe na bene Data, azaba ingenzi cyane mu umurimo kurusha abakozi cumi badaha agaciro gahunda yo kuyoborwa n'Imana kandi bakerensha uburyo bwo gukora hakurikijwe igenamikorere rusange ry'umurimo.²³⁰

Ikigo cy'Amahugurwa no Gukurikirana Umurimo. Igihe abaturage bazaba bamaze gufata ubushyuhe butewe n'amateraniro makuru yateguwe neza, mbese abakozi bazaherako bimura ibintu bajye gutangira iteraniro rikuru ahandi, basige umurimo wakoze uri mu gihirahiro? Dore uko bikwiriye kugenda: Nimugabanye abakozi, hagire abasigara. Muri abo basigaye, bamwe batangire gahunda yo gutanga ibyigisho bya Bibiliya, abandi bakore umurimo wo kubwiririsha ubutumwa bitabo, abandi bagurisha inyandiko zacu, n'indi mirimo. Hakwiriye kubaho gahunda yo gukorera mu ngo mu rwego rwo gutegurira abantu kuba abakozi basobanukiwe no gukora muri buri shami ryose rigize umurimo w'ivugabutumwa. Nimugenza mutyo bizatuma umurimo watangijwe udasigara mu gihirahiro. Ibyo bizatuma ubutumwa bw'Imana bwanyuze imitima y'abantu n'intekerezo zabo butaba imfabusa.

²²⁷ *Review and Herald*, Sept. 7, 1905 [Urwibutso n'Integuza].

²²⁸ *Manuscript* 71, 1903

²²⁹ *Letter* 208a, 1902

²³⁰ *Review and Herald*, May 29, 1888 [Urwibutso n'Integuza].

Uyu murimo wo gusura urugo ku rundi, dushakashaka imitima, duhiga intama yazimiye, ni umurimo w'akataraboneka mu mirimo yose ikorwa. Abantu mirongo irindwi na batanu bakiriye ubutumwa, bashinga itorero mu..... Turashima Imana bikomeye kubera uwo musaruro. Mirongo itanu muri bo bakiriye ubutumwa bw'ukuri nyako igihe twari dufite iteraniro rikuru.²³¹

KUVUGURURA NO GUHANGA ITORERO KU BW'UMURIMO

Kuvugurura Abizera b'Itorero. Muri iki gihe, Uwiteka ntakora umurimo wo kuzana abantu benshi mu kuri, bitewe n'uko mu Itorero hari abizera benshi batigeze bahinduka kandi n'abahindutse baraguye cyangwa se basubiye inyuma.²³²

Abantu Makumyabiri aho kuba Umuntu Umwe. Hari inyigisho nyinshi zipfuye zazanywe n'abantu biyita abayoboze ba Kristo, zikabera inzitizi abantu benshi bigatuma bahusha inzira igana ku musaraba. Nyamara, harimo abantu bahindutse by'ukuri ku buryo batsinda ibigerageze bigambiriye kubaca intege kandi bazakora ibishoboka byose batsinde inzitizi zose kugira ngo bunguke ukuri nyako. Ariko habaye habonetse abizera bejeshejwe ukuri kandi bakakumvira, bagasobanukirwa n'akamaro ko kugira ubumenyi mu buryo Kristo yakoraga umurimo, aho kubona umuntu umwe wakiriye agakiza twahabona abageze kuri makumyabiri.²³³

Banza Uhugure Abizera b'Itorero. Mu gihe cyo kugeza ubutumwa ahantu hasanzwe hari abizera, pasitoro ntakwiriye kubanza guhindura abashyashya, ahubwo akwiriye kubanza guhugura abizera b'Itorero basanzwe kugira ngo bamenyere gukorera hamwe. Akwiriye kujya asanga umuntu, umwe umwe kugira ngo bamenye inshingano yabo ku buryo bwimbitse, bityo, bamenyere inshingano yo gufasha abandi. Igihe bariho bitegura gufasha uwo mugabura mu buryo bw'amasengesho n'indi mirimo, umurimo wo gukiza imitima uzagenda neza kandi haboneke umusaruro ushimishije uturutse ku mbaraga yakoresheje.²³⁴

Gutunganya Inzira y'Umwami. Igihe ivuna ridasanzwe ririho rikorwa n'abakozi babimenyereye kandi rigakorwa ahantu hatuwe n'abantu bacu, buri mwizera wese asigarana inshingano yo gukora uko ashoboye, agatunganya inzira y'Umwami. Mbese azabikora ate? Azabikora yihana icyaha cyashobora kumubera inzitizi zatuma adashobora gufatanya n'Imana ndetse na bene Se.²³⁵

Inama Igirwa Amatorero Akora Amavuna mu Muji. Nko mu myaka ine ishize, igihe umuyobozi Askell na bagenzi be bayoboraga ishuri rya Bibiliya ry'amahugurwa n'amateraniro ya nimugoroba mu muji wa New York, ijamba ry'Uwiteka babwiraga abakozi ryari iri: "Nimureke abizera

231 Letter 137, 1898

232 Testimonies, vol. 6, p. 371 (1900). [Ibihamya].

233 Testimonies, vol. 4, p. 68 (1876). [Ibihamya].

234 Gospel Workers, p. 196 (1915).

235 Review and Herald, Dec. 6, 1906 [Urwibutso n'Integuza].

batuye ahabera amateraniro bafatanye n'abandi kwikorera umutwaro w'umurimo. Bizatuma bumva ko ari inshingano yabo n'amahirwe babonye yo gufasha mu byatuma amateraniro agera ku ntego. Imana ishimishwa no kubona abo bantu bahawe umwanya wo kugira uruhare mu murimo. Ishimishwa kandi no kubona buri mwizera w'Itorero akora umurimo, akayibera umufasha ukunda umurimo ugamiye kurohora ubugingo, bukagana kuri Kristo." ...

Ubundi butumwa bwohererejwe Itorero ryo mu mujyi wa Los Angeles mu mwaka ushize igihe Uwiteka yari ariho akangura abantu bari bateraniye mu materaniro yaberaga mu ihema. Dore uko bwavugaga: "Itorero rya Los Angeles rifite ibihe bidasanzwe by'amasengesho ya buri muni basabira umurimo uriho ukorwa. Umugisha uturutse ku Mana uzasukwa ku bizera bazagira uruhare muri uwo murimo, bateranira mu matsinda mato buri muni, basaba Imana ngo umurimo uzagende neza. Bityo, abizera bazagirirwa ubuntu kandi n'umurimo w'Imana uzatera imbere.

"Ubu ni bwo buryo twakoreshaga. Twasengeraga ubugingo bwacu kandi tugasabira abakoraga umurimo. Umwami Yesu avuga ko aho abantu babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina rye, na We aba ari muri bo, ngo abahe umugisha. Nimutyo ibiganiro bibe bike, ahubwo amasengesho abe ariyo aba menshi, asenganywe umwete no kwizera.

"Mfite ubwoba ko ivuna ririho rikoreshwa mu rwego rwo kubwiriza abantu ukuri nyako bo muri Los Angeles ritazishimirwa. Nimutyo buri muntu yegere Uwiteka maze bafatanye kurwanya umwanzi kabutindi. Igihe hari ivuna ridasanzwe, nk'uko byagaragaye mu materaniro ya Los Angeles, umwizera wese niyegere Imana. Nimureke abantu bose bahirimbanire kumurikirwa n'umucyo mu mitima yabo, umucyo uturutse kuri Jambo. Niba icyaha kigaragaye, gikwiriye kwihanwa. Nimutyo buri muntu wiyemeje kuba umufasha muri uyu murimo, akore akurikije gahunda yashyizweho. Uwiteka azumva gusenga kwanyu kandi azabasubiza. Ntihakagire abizera batekereza ko amavuna akwiriye gutegurwa kubera bo, akayoborwa n'umuntu ufite ubwuzu bwo gufasha abantu batitaweho mu bihe byashize. Amateraniro adasanzwe akwiriye gutegurirwa abantu batitaweho mu bihe byashize.

Ahantu hose hazabera ivuna rimeze nk'irya bereye mu mujyi wa Los Angeles, abizera bo mu Itorero bakwiriye kuzagira uruhare mu kugorora inzira y'Umwami kandi bagakoresha umutungo wabo, bagafasha umurimo uriho ukorwa. Nimutyo abo bantu bagaragaze ko bashyize hamwe. Bakwiriye kuba bugufi mu iteraniro kandi bagahora biteguye gukoreshwa muri gahunda, biteguye kuganira n'umuntu waba ashaka kugira icyo asobanura. Bakwiriye kugira igihe cyo gusenga no gukorera intama zazimiye.²³⁶

Kuba icyitegererezo ku Bahindutse Vuba. Abizera bamaze igihe mu Itorero bakwiye kubera abandi urugero rwiza, cyane cyane ku bantu baje

²³⁶ *Review and Herald*, Dec. 20, 1906 [Urwibutso n'Integuza].

mu itorero vuba. Ndasaba abantu bamenye ukuri nyako, bakaba bakumazemo igihe kirekire, kutigera bababaza cyangwa bagirira nabi abantu bahindutse vuba babinyujije mu myitwarire mibi itandukanye na gahunda z'Itorero. Ibyo guhwihwisa nimubifashe hasi maze mukorane umurimo ubushishozi. Nimuhinge ibisambu byarariranye mu mitima yanyu maze mubone uko muhirimbanira icyateza imbere umurimo. ...

Nimukanguke, nimukanguke, maze muhe abahindutse vuba ibimenyetso byerekana ko mwizera ukuri nyako kwakomotse mu ijuru. Nimutaba maso, isi ntizemera ko mushyira mu bikorwa ukuri nyako mwamenye kandi mwemeza abantu ko mugendera muri ko.²³⁷

Abizera b'Itorero Bagomba Gufasha. Uwiteka ateguka ko buri mwizera wo mu itorero ryacu agomba gukoresha imbaraga ze zose mu murimo w'ivugabutumwa. Hari ubugingo bw'abantu bwirengagijwe, haba mu mijyi cyangwa se mu byaro; ntabwo abaturage baho barumva ukuri nyako kwagenewe iki gihe turimo kubera ko amavuna atateguwe neza... Abapasitoro bacu bejejwe bakwiriye gukora uko bashoboye, ariko ntidukwiriye gutegereza ko umuntu umwe yashobora gukora imirimo y'abantu bose. Databuja yateganyije umurimo kuri buri muntu. Hari umurimo wo gusura abantu mu ngo, hari umurimo wo gusenga, kubaka ubucuti cyangwa kwakira abashyitsi ufite ubwuzu n'umurava. Muri make, umutima n'ibikorwa birakenewe kuri buri muntu kugira ngo umurimo urangire. Ushobora kwicarana n'incuti zawe, wazakiranye ubwuzu, mu buryo mbonezamubano maze mukaganira ibyerekeye ukwizera kutagira amakemwa dusanga muri Bibiliya.²³⁸

Abapasitoro Bageni Inshingano z'Amatorero mu Ivugabutumwa. Abapasitoro bamwe bakora imirimo myinshi cyane. Usanga bashaka gukora imirimo yose. Bibatwara igihe kandi bigatuma batazamuka mu ntera kandi bagakomeza ntibacogore. Bisa n'aho batekereza ko umurimo w'Imana uzarangizwa n'umuntu umwe, mu gihe abizera b'itorero biyicariye badakora. Bene iyo mikorere ihabanye na gahunda y'Imana.²³⁹

Komite Nshingwabikorwa Yongerwamo Abalayiki. Ni buryo ki bene Data na Bashiki bacu bakomeza kuba bugufi bw'abantu benshi batarumva ubutumwa bw'imbuze badakoresheje uburyo bwo guha inshingano amatsinda y'abizera Imana ishobora gukoresha bigatuma izina ryayo rihabwa icyubahiro? Abayobozi bacu bafite ubunararibonye muri uyu murimo bazasobanukirwa n'iri banga kandi byatuma haboneka uburyo bwo kongera ingufu itsinda rishinzwe gukurikirana ibikorwa by'amavuna. Bashobora gukora igenamikorere ryatuma ubutumwa bugera ku misozi no mu bibaya, mu baturaye imihanda minini, mu midugudu no mu byaro. Nibakora batuje kandi bajya mbere, bakitangira kumenyereza abizera gukorera itorero kugira ngo buri muntu agire uruhare mu murimo ugamije

237 Letter 75, 1905.

238 Review and Herald, August 13, 1889 [Urwibutso n'Integuza].

239 Review and Herald, Nov. 18, 1884 [Urwibutso n'Integuza].

kuburira imitima y'abantu batuye ahantu hakigendeka, bizatuma umurimo bakoze utanga umusaruro.²⁴⁰

Imirima Ireze Ahabakikije Hose. Ukuri nyako kuzatsinda bitangaje. Amatorero akwiriye gutangira gukora umurimo yahawe n'Uwiteka. Uwo murimo ni ukubumburira Ibyanditswe Byera abantu bakirindagirira mu mwijima. Bene Data na Bashiki banjye, mu baturanyi banyu hari ubugingo bw'abantu buba bwarahindutse iyo haza kuba ubushishozi bakagezwaho ubutumwa bw'ukuri nyako. Igihe kirageze cyo gukoresha imbaraga kugira ngo abo bantu badasobanukiwe na Jambo bagezwaho ubutumwa. Nimureke bariya bantu bavuga ko bemera ukuri nyako bahinduke abafite uruhare kuri kamere y'Imanaa, ni bwo bazahita babona yuko imirima yeze ikeneye gusarurwa, ukaba ari umurimo buri wese ashobora kugiramo uruhare, bategurira imitima y'abantu kugira imibereho ihamanya n'Ijambo ry'Imana.²⁴¹

Gutanga Ibitabo Urugo ku Rugo. Bene Data na bashiki banjye, mbese ntimwankundira ngo mwambare intwari za Gikristo? "Mwambare inkweto, ari zo butumwa bwiza bw'amahoro bubiteguza," bizatuma mugira imyiteguro izababashisha gusura imiryango muva mu rugo mujya mu rundi, mushyiriyemo abantu ukuri nyako. Rimwe na rimwe mushobora kuzasanga ko ari umurimo uruhije; ariko uko muzarushaho kujya mbere mugendera mu kwizera, Imana izabarangaza imbere maze ibamurikishirize umucyo wayo mu nzira muzanyuramo. Nimujye mu ngo z'abaturanyi banyu, mutanga cyangwa mugurisha ibitabo, mubigishe ukuri nyakuri mwicishije bugufi, bityo umucyo uvuye mu ijuru uzabarasira kandi uzakomeza kumurikira abo muri icyo miryango.²⁴²

Mureme Amatsinda Mato Akora Umurimo. Mu matorero yacu hakwiriye guhangwa amatsinda yo gukora umurimo w'ivugabutumwa. Mu murimo w'Umwami nta banebwe bakwiriye kubaho. Nimureke abantu batari bamwe bunge ubumwe mu murimo nk'abarobyi b'abantu. Nimuhurize hamwe ubugingo bw'abantu buvuye mu kwangirika no kurimbuka kw'isi maze mubugeze mu rukundo rukiza kandi rutagira amakemwa rwa Kristo.

Kurema amatsinda mato akaba urufatiro rw'imbaraga y'umurimo wa Gikristo ni umugambi neretswe n'Utabasha Kwibeshya. Niba itorero rigizwe n'abizera benshi, nimubashyire mu matsinda mato, kugira ngo afashe abantu, atari abizera b'itorero gusa, ahubwo n'abatizera.²⁴³

Gukora nk'Umutwe w'Abasirikare Watojwe Neza. Abagabura b'ubutumwa bwiza bakwiriye gukunda gukorera kuri gahunda kandi bakwiriye kurangwa n'ikinyabupfura bakagira imyitwarire myiza kugira ngo bashobore gutoza abizera b'itorero kwitwara neza no kubamenyereza gukora umurimo bashyize hamwe nk'umutwe w'abasirikare wabitojwe

240 *Manuscript 53, 1910.*

241 *Australasian Union Conference Record, March 11, 1907.*

242 *Review and Herald, May 24, 1906 [Urwibutso n'Integuza].*

243 *Australasian Union Conference Record, August 15, 1902.*

neza. Niba kwitwara neza no gukorera kuri gahunda bituma abasirikare batsinda urugamba, mu itorero rigamiye imibereho myiza y'abizera birakenewe kurushaho kuko dufite umugambi ukomeye tugomba kugeraho, ufite agaciro gahanitse kandi utuma turangwa n'imico itagira amakemwa, irenze iya ya mitwe ya gisirikare ihangana ku rugamba. Hari ingororano zitangirika twateganyirijwe, nituramuka dutsinze uru rugamba twiyemeje.

Abamarayika bakorera hamwe kandi kuri gahunda izira umuvundo. Uko tuzajya turushaho kwigana umugaba w'ingabo z'abamarayika, tugakorera hamwe kandi tukagenda kuri gahunda ni ko n'ingabo zo mu ijuru zizarushaho gutsinda mu izina ryacu.²⁴⁴

ISANO IRI HAGATI Y'UMUVUGABUTUMWA N'UMUPASITORO

Abavugabutumwa n'abapasitoro bakenewe. Imana irahamagara abavugabutumwa. Umuvugabutumwa w'ukuri arangwa no gukunda abantu. Arahiga kandi akaroba abantu. Abapasitoro barakenewe, abashumba bakiranuka, badashyeshya ubwoko bw'Imana cyangwa ngo babutwaze igitugu, ahubwo bakabagaburira umutsima w'ubugingo.

Umurimo w'umukozi wese ukiranuka ushingiye ku kunyura umutima wa Kristo, we witangiye gucungura mwenemuntu.²⁴⁵

Umuvugabutumwa Akaba na Pasitoro. Mu buryo busanzwe, umuntu umwe akora imirimo ibasha gusaranganywa n'abantu babiri. Kubera ko umurimo w'umuvugabutumwa ushobora gufatanywa n'uwa pasitoro, bituma uwo mukozi yikorera imitwara ibiri.²⁴⁶

Kugirira icyizere Umukozi Mushya. Nta mukozi ukwiye kugira ubwoba bitewe n'uko hari umukozi mushya ugiye kwerekwa abantu, bigatuma yumva ko batamwishimira, n'umurimo agiye gukora ukagenda nabi.

Irinde kumva ko ari wowe kamara mu murimo; Imana izita ku murimo wayo. Umucyo w'inyongera uzamurikira abantu uturutse ku bakozi batumwe na yo kandi bakorana na yo. Byongeye kandi, abakozi basanzwe bakwiriye kwakira intumwa z'Imana babikuye ku mutima, babubashye, maze bakabararikira gufatanya no kunga ubumwe bakabwiriza ubutumwa bw'agakiza.²⁴⁷

KWIRINDA KUREMEREZA UBUYOBOZI

Kuba Ugenda ntibisobanuye ko uri muzima. Kwiga inyigisho z'idini, kugira amazina mu bitabo by'itorero, cyangwa gukora neza imirimo itandukanye, ntabwo ari byo byerekana ko ufite ubuzima. Mu munara wahoze mu Busuwisi, nabonyemo ishusho y'umuntu usa n'aho agendagenda nk'aho yari afite ubuzima. Yasaga nk'umuntu muzima. Ngeze iruhande rwe

244 *Lettter* 32, 1892.

245 *Letter* 21, 1903.

246 *Testimonies*, vol. 4, p. 260, 1876. [Ibihamya].

247 *Manuscript* 21, 1894.

ndamwongorera nk'ubwira umuntu wumva. Ariko muri iyo shusho harimo ishusho y'umuntu isa n'ifite ubuzima ariko ntabwo yari ifite. Ahubwo yagendeshwaga n'imashini.

Kuba ugenda siko kuba muzima. Dushobora kugenda mu bikorwa no mu mwuka w'idini cyangwa se mu mihango yaryo; ariko iyo tutari muri Kristo, umurimo dukora uhinduka imfabusa cyangwa se imburamumaro. Uwiteka araturarikira kuba Abakristo bazima, bakora, kandi barangwa no kwizera.²⁴⁸

Umurimo Ukomezwa n'Ibitari Ngombwa. Abantu bafite inshingano yo kwihutisha umurimo wo kubwira abantu ukuri bawutinzira incuro zisaga icumi bitewe no kuwushikuzwa mu biganza bya Kristo ngo bawikorere ubwabo. Batekereza ko guhora bahimba ibintu cyangwa uburyo bukorwaho ari byo bizatuma abakozi bazarushaho kubyumva no kubikurikiza. Ibyo bituma bata igihe barushaho gutuma umurimo ukomera mu buryo budakwiriye; bitewe n'uko Umuyobozi Mukuru ugenga abakozi bese aba yashyizwe ku ruhande maze gukurikirana no gukemura icyo kibazo bikavanwa mu murage yahawe. Batekereza ko kugira akantu bahindura ku mico y'umuntu ari byo bizatuma ibintu bigenda neza, ariko bikarushaho gusubira irudubi. icyarushaho kuba cyiza ni uko bareka Imana igakora umurimo wayo kuko ibyitegereza igasanga badafite ubushobozi bwo guhindura imico y'umuntu. ...

Aho gukomeza kwirushya utegura amategeko n'amabwiriza, byarushaho kukubera byiza uramutse ufashe igihe usenga maze ugatura Kristo ubushake bwawe n'uburyo wifuza ko umurimo wakorwamo. Ntabwo ashimishwa no kubona ukomeza ishyirwamubikorwa ry'ikintu, kandi we yaragikoze mu buryo bworoshye. Aravuga ati: "Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu. Kuko kunkorera kutaruhije n'umutwaro wanjye utaremereye." Matayo 11:29-30. Umwami Yesu akunda umurage we, kandi igihe abantu batazatekereza ko ari uburenganzira bwabo gushyiraho amategeko azakurikizwa na bagenzi babo, ahubwo bakenda amategeko ya Kristo bakayashyira mu mibereho yabo kandi bagakurikiza inyigisho yatanze, ni bwo buri mukoresha azabera abandi bakozi urugero rwiza, aho kubabera umucamanza.²⁴⁹

Imigambi y'Imana Itandukanye n'iy'Abantu. Keretse abantu bafite uruhare rwo gufasha mu byerekeye ----- baramutse bashishikarijwe kwita ku nshingano yabo, bitabaye ibyo, ntibazamenya umurimo ugomba gukorwa igihe ijwi riranga rya marayika wa gatatu rizaba rirangurura. Igihe umucyo uzaba uvuye mu ijuru uje kumurikira abari mu isi, aho kugira ngo bahaguruke basanga Uwiteka bamusaba ngo abafashe, bazihambira ku murimo we kugira ngo bakomeze gukurikiza ibitekerezo byabo bigufi. Reka mbabwire ko Uwiteka azakora uyu murimo uheruka

²⁴⁸ *Review and Herald*, April 21, 1903. [Urwibutso n'Integuza].

²⁴⁹ *Manuscript* 44, 1894.

akoresheje uburyo butandukanye cyane n'ubwo abantu bari bamenyereye kandi n'imategurire y'ibintu izahinduka. Ntibizagira amahuriro n'imategurire y'umwana w'umuntu. Muri twe hazakomeza kuba abantu bazashaka kugenga umurimo w'Imana. Bazakomeza gutanga amategeko yo kuwuyobora kandi usigaye ugengwa n'ubuyobozi bwa marayika uzahuza n'ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwagenewe abatuye isi. Imana izakoresha uburyo n'amikoro adasanzwe ku buryo bizagaragara ko ububasha bwa cyami buri mu maboko yayo. Abakozi b'Imana bazatangazwa no kubona Imana ikoresheje uburyo bworoheje maze umurimo wo gukiranuka kwayo ukarangira mu buryo butanga umusaruro.²⁵⁰

IGICE CYA 6

AMAVUNA

UBUTUMWA BWAGENEWE TWE ABO MURI IKI GIHE

Kubwiriza Iteraniro Rinini. Dukwiriye gukoresha imbaraga zacu zose tukararika abantu benshi bakaza kumva amagambo avugwa n'umugabura w'ubutumwa bwiza. Kandi ababwiriza Ijambo ry'Imana bakwiriye kuvuga ukuri kw'Imana. Bakwiriye gukora ibishoboka byose bakazamura intekerezo z'abantu maze bagategera amatwi amagambo avugwa n'Imana mu cyubahiro n'ubwiza bwayo buteye ubwoba, nk'uko Abisirayeli bateranirizwaga muni y'umusozi wa Sinayi ngo bumve ubutumwa Imana yabageneye.²⁵¹

Vuza Impanda kandi Urangurure Ijwi. Abantu babwiriza ukuri ntibakwiriye kujya impaka. Bakwiriye kubwiriza abantu ukuri bashikamye mu kwizera kandi bafite umurava ku buryo abagenerwabutumwa bazagira ubwuzu maze ibitekerezo byabo bigakanguka. Bitewe n'amagambo bazavugaga, amasengesho bazasenga, amashyamba bazagira, bazaba babereye kubiba imbuto zizera amatunda mu cyubahiro cy'Imana. Nta muntu ukwiriye gutindiganya. Bakwiriye kuvuza impanda baranguruye ijwi. Ibitekerezo by'abantu bikeneye guhwitirwa kugira ngo bategere amatwi ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Abagaragu b'Imana ntibakwiriye gukora nk'abantu bagenda basinziriye ahubwo bakore nk'abantu bitegura kugaruka kwa Kristo kuri bugufi.²⁵²

Umurimo wacu ni uwo Kwamamaza Ukuri. Mu mvugo y'umwihariko, Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bashyizwe ku isi ngo babe abarinzi n'abatwaramucyo. Ni twe bwe twahawe ubutumwa bw'imbuzi bwagenewe abatuye isi benda kurimbuka. Tumurikirwa n'umucyo utangaje uvuye mu Ijambo ry'Imana. Twahawe umurimo w'igicro cyinshi. Uwo murimo ni uwo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu. Nta wundi murimo w'ingenzi uhwanyeye na wo. Ntidukwiriye guha akito ikintu cyose ngo kube cyaturangaza.

Ukuri gukomeye cyane kwahawe abantu bafite kamere ipfa ni uko kwamamaza ubutumwa bwiza bukagezwa ku batuye isi. Kwamamaza uko kuri bikwiriye kuba inshingano yacu. Isi ikeneye kuburirwa kandi twe bwe

²⁵¹ Letter 187, 1907.

²⁵² Review and Herald, March 2, 1905 [Urwibutso n'Integuza].

abagize ubwoko bw'Imana dukwiriye kuba indahemuka ku cyizere twagiriwe. ...

Mbese dukwiriye gutegereza ko ibihano byagenewe umunyabyaha bimugeraho tutaramubwira icyo yakora kugira ngo ace ukubiri n'ibyo byago Imana yageneye inkozi z'ibibi? None se kwizera dufite mu Ijambo ry'Imana kuri he? Mbese dukwiriye kubona ibintu byahanuwe bihita imbere y'amaso yacu ngo dukunde twizere ibyo Umwami wacu yavuze? Umucyo usobanutse, ufite imirasire kandi itarimo urujijo wavuye mu ijuru utwereka ko umunsi ukomeye w'Uwiteka uri hafi, kandi utwegereye, "ndetse ageze ku rugi" (Matayo 24:33).²⁵³

Ntidukwiriye Guhusha Intego. Nta gihe dukwiriye gupfusha ubusa muri uyu murimo ukomeye kandi ntidukwiriye guhusha intego. Dufite igihe gito cyane ku buryo tutarindira ko ibintu byose byahita imbere y'amaso yacu. Imibereho tuzabaho iteka ryose idusaba ko tumenya Ibyanditswe Byera, tugasobanukirwa ubugari n'umurambararo byabyo, ndetse n'ubujyakuzimu n'ubuhagarike byabyo....

Igihe intumwa Yohana yari ku kirwa cya Patimosi Imana yamuhishuriye ibintu bizabaho, imutegeka kuzabibwira abantu. Mukwiriye kwiga ibi bintu byahishuwe. Harimo insanganyamatsiko zisubiza ibyo tubona, hakabamo ibyigisho byagutse kandi byumvikana, ari na byo ingabo z'abamarayika bose bashaka kumenyesha abantu. Nimwitegereze imibereho ya Kristo n'imico ye kandi mwigie n'ibyerekeye umurimo we w'ubuhuza. Aho ni ho hari ubwenge butagira iherezo, urukundo rutagira iherezo, ubutabera butagira iherezo n'imbabazi z'Imana zitagira iherezo. Dukwiriye kumenya, uburebure, ubugari, igihagararo n'ubujyakuzimu by'Ibyanditswe Byera. Hakoreshejwe amakaramu atabarika kugira ngo handikwe imibereho, imico n'umurimo w'ubuhuza bya Kristo. Si ibyo gusa, buri ntekerezo Mwuka Muziranenge yakoreyemo kugira ngo umuntu wese asobanukirwe n'izo nsanganyamatsiko zifite ibisobanuro byumvikana, z'umwimerere kandi nshya ku bantu bose. Izo nsanganyamatsiko yazihaye abantu akurikije ubwenge n'umwuka by'umuntu wagomba kubihishurira abandi ...

Turashaka ukuri nk'uko kuri muri Yesu, kuko twifuza kumvisha abantu bagasobanukirwa n'isano bafitanye na Kristo n'inshingano bahamagariwe kwemera mu izina rye. Nk'abahagarariye Kristo n'abahamya be, dukeneye gusobanukirwa mu buryo bwimbitse ibyerekeye ukuri gukiza, ukuri kuboneka binyuze mu kumumenya ku buryo bufatika.²⁵⁴

Kwibanda ku Kuri Kudasanzwe. Dufite inshingano yo kubwira abantu inama y'Imana mu buryo bwuzuye kandi tukabikora dukiranuka. Ntabwo dukwiriye gukerensa ukuri kudasanzwe twahawe, kwadutandukanyije n'ab'isi, maze kukatugira abo turi bo; kuko muri uko kuri harimo inyungu zitazagira iherezo. Imana yaduhaye umucyo kugira ngo dusobanukirwe

²⁵³ *Testimonies*, vol. 9, pp. 19, 20. 1909.

²⁵⁴ *Review and Herald*, April 4, 1899. [Urwibutso n'Integuza].

n'ibintu biriho bibera kuri iyi si mu bihe biheruka. Dukwiriye gukoresha amakaramu n'amajwi yacu tukabwiriza isi yose uko kuri, tudahakirizwa kandi tutajenjetse, ahubwo tukakuvuga twerekana ko dukoreshwa na Mwuka w'Imana n'imbaraga zayo.²⁵⁵

Ubutumwa bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Mbese muri iki gihe turimo cyegereye imperuka, twemere duhinduke nk'ab'isi mu migirire ku buryo abatureba batuburamo imyitwarire ibereye ubwoko bw'Imana? Mbese hari umuntu ukwiriye kugurisha imico mbonera twihariye nk'ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe, akayigurana indamu ab'isi bashobora gutanga? Mbese dukwiriye kubona ko abagomera amategeko y'Imana babifitemo inyugu y'agaciro gakomeye? Mbese abo Imana yise ubwoko bwayo bakwiriye gutekereza ko hari imbaraga zikomeye kuruta iza NDIHO? Mbese dushobora guhangara gukuraho ibimenyetso biranga ukwizera kwatumye twitwa Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi?

Umutekano wacu ntavogerwa tuwukeshya guhora duhagaze mu mucyo uturuka mu bwiza bw'Imana.²⁵⁶

Ubutumwa bw'Ukuri Bunejeje bwo muri Iki Gihe. Nonaha, uyu munsi wa none, dukwiriye kwamamaza ukuri, twifitiye icyizere kandi dufite imbaraga. Ntidukwiriye kubuvuga nk'abaririmba indirimbo zirandaga cyangwa izo baririmba bariho bashyingura abapfu.²⁵⁷

Kwemezwa n'Ibimenyetso Bikomeye. Imana ishyira mu bwenge bw'abantu yahamagaye ukuri kw'agaciro ntagereranywa, ukuri gukwiranye n'iki gihe turimo. Imana yatandukanyije ukuri n'ikinyoma, maze igushyira ku murongo uboneye uzira kwitiranywa kandi ufite amabwiriza ngenderwaho. Abagaragu b'Imana babwiriza abantu uko kuri nibaramuka baguhaye agaciro nk'uko gateganyijwe mu mugambi ukomeye w'Imana, bakagukurikiza mu buryo bwa gihanga, barangwa n'umurava kandi bakubashye, bizatuma abantu benshi bizera uko kuri babikuye ku mutima, kubera ko bazaba bemejwe n'ibimenyetso bikomeye, batiriwe bategereza ko ingorane runaka ziri mu bwenge bwabo zivanwaho.²⁵⁸

GUkurura INTEKEREZO Z'ABANTU

Dukoresheje Uburyo Budasanzwe. Mu mijyi yo muri iki gihe, aho usanga hari ibintu byinshi bikurura kandi bishimisha abantu, abantu bashobora gukururwa n'ibintu bidasanzwe. Abakozi bahamagawe n'Imana bazasanga ari ngombwa gukoresha imbaraga zidasanzwe kugira ngo ubutumwa bushobore gukurura intekerezo z'imbaga y'abantu. Nibashobora guteraniriza hamwe umubare munini w'abantu, bazaba bakwiriye kuvuga ubutumwa mu buryo budasanzwe bifashishije imico mbonera yabo. Ubwo ni bwo abantu bazashishikarira ukuri maze bacengerwemo n'imiburo.

255 *Testimonies to Ministers*, p. 470 (1890).

256 *Manuscript* 84, 1905.

257 *Letter* 311, 1905.

258 *Manuscript* 8a, 1888.

Bakwiriye gukoresha buri mikoro bafite kugira ngo higwe ukuntu yakoreshe umurimo watuma ukuri kumenyekana, kukumvikana kandi kukaba kutakwitiranywa n'ikinyoma.²⁵⁹

Tegura Gahunda Nshya kandi Idasanze. Nimureke umukozi w'Imana ukora mu ruzabibu rwa Shebujya yige, ategure gahunda, ateganye n'uburyo buzakoreshe kugira ngo ubutumwa bugere mu mitima bantu. Dukwiriye gukora ibintu ku buryo butandukanye n'ubusanze. Dukwiriye gukurura intekerezo z'abantu kandi tugahorana umurava mu byo dukora. Tugeze ku iherezaho ry'ibihe biruhije birangwa n'imvururu n'urujijo mu bantu ku buryo bitigeze birotwa no mu nzozi.²⁶⁰

Kristo Yakoreshega Uburyo Butandukanye. Duhereye ku buryo Kristo yakoreshega, dushobora kuhakura inyigisho nyinshi kandi zigifite agaciro. Mu myigishirize ye, ntabwo yigeze akoreshe uburyo bumwe rukumbi. Yakoreshega uburyo butandukanye bigatuma yiherezaho ibitekerezo by'abantu benshi. Bamara gufatwa mpiri n'uburyo yigisha, akabona kubabwiriza ukuri k'ubutumwa bw'agakiza.²⁶¹

Kuba Umunyakuri Wiyoroheje Byatumye Ahindura Benshi. Yatangaga ubutumwa bw'imbabazi butandukanye kugira ngo bunogere ababaga bamuteze amatwi. Kristo yari azi "gukomeza abacitse intege," (Yesaya 50:4, BII) kubera ko iminwa ye yari isagijeho imbabazi; bikamufasha kumenyekanisha ubutunzi bw'ukuri kwe kandi bikamureherezaho abantu benshi kuruta ubundi buryo bwose yari gukoreshe. Yari afite ubuhanga butuma agera ku mitima yasabitswe n'urwikekwe maze akabagaruka gutanga ingero z'ibiriho, bigatuma ubwenge bwabo bugaruka ku murongo. Yashyikiraga umutima w'umuntu binyuze mu byo uwo muntu yibaza. Yakuraga imfashanyigisho mu bintu biboneka mu mibereho ya buri muni, kandi nubwo byabaga ari ibintu biboroheye kumva, byabaga bifite ibisobanuro byimbitse cyane mu buryo butangaje. Inyoni n'ibisiga byo mu kirere, uburabyo bwo ku gasozi, imbuto, umwungeri n'intama; ibyo byose Kristo yarabyifashishaga kugira ngo agaragaze ukuri guhoraho, kandi nyuma yaho ababaga baragize amahirwe yo kumutega amatwi, maze bakongera kumubona, bibukaga amagambo yababwiye, akagenda agaruka mu ntekerezo zabo. Imfashanyigisho Kristo yakoreshega zibutsaga abantu inyigisho ze.

Ntabwo Kristo yigeze abwira abantu amagambo yo kubashyeshya, nta n'ubwo yigeze ababwira amagambo ashobora kubatera kwishyira hejuru mu byifuzo byabo no mu byo bibwiraga, cyangwa ngo abasingize kubera ibyo bagezeho by'ibihimbano. Ariko abantu babaga bafite ibitekerezo byagutse, batasabitswe n'urwikekwe bemeraga inyigisho ze zabagaragarizaga ko ubwenge bwabo buri hasi. Batangariraga ukuri kw'iby'umwuka kwabaga kuri mu mvugo ye yoroheje cyane kurusha izindi. N'intiti zagiraga

²⁵⁹ *Testimonies*, vol. 9, p. 109. (1909). [Ibiamya].

²⁶⁰ *Letter* 20, 1893.

²⁶¹ *Review and Herald*, January 17, 1907. [Urwibutso n'Integuza].

amahirwe yo kumwumva zashimishwaga n'amagambo ye kandi n'ababaga batarize, babyungukiragamo buri gihe. Yabaga afite ubutumwa bwo kubwira ababaga batarize ndetse n'abapagani basobanukirwaga n'ubutumwa yabaga yabateganyirije.

Ineza Ye yuje impuhwe yasesekaraga ku mitima irushye kandi ihangayitse. Kabone nubwo yabaga ari mu mugaru w'uburakari bw'abanzi be, yumvaga ari mu mahoro asesuye. Uburanga bwo mu maso he, imico myiza yagiraga, ariko cyane cyane urukundo yagaragarizaga mu ndoro Ye no mu mvugo Ye, ibyo byamureherezagaho abantu bose babaga badafite imitima inangiye. Iyo ataza kugira umwuka w'ubugwaneza kandi wuzuye impuhwe, wagaragariraga mu ndoro ye no mu mvugo ye, ntabwo yari gushobora kwireherezaho imbaga y'abantu bangana batyo. Ababaga barembejwe n'agahinda, baramusangaga maze bagashimishwa n'uko yifataniye na bo nk'incuti magara y'indahemuka kandi ibafitiye impuhwe, bityo bakifuza kurushaho kumenya ibyerekeye ukuri yigishaga. Bumvaga ijuru ryabegereye cyane. Bifuzaga cyane kwigumanira na we kugira ngo bakomeze gutekana mu ihumure rikomoka mu rukundo rwe.²⁶²

Kwireherezaho Imbaga y'Abantu no Kubakomeza. Abantu baziga uburyo Kristo yakoresheye mu myigishirize ye kandi bakimenyereza ubwabo gukoresha ubwo buryo bazashobora kwireherezaho inteko y'abantu kandi bayikomeze ku buryo batazifuza kubava iruhande nk'uko Kristo yabigenzaga igihe yari ku isi. ... Igihe ukuri muzabwira abantu kuzabotsa igitutu bitewe n'imiterere yako ndetse n'urukundo mubakunda, ubugingo bwabo buzanyurwa kubera ko Mwuka Muziranenge w'Imana azatera imitima yabo guhimbarwa.

Nimwambare kwicisha bugufi kandi musenge kugira ngo abamarayika b'Imana bashobore kuza mu ruhande rwanyu maze batere ubwenge bw'abantu guhimbarwa n'ubutumwa, kubera ko uwo murimo atari uwanyu, ahubwo ni uwa Mwuka Wera. Mwuka Muziranenge ni we utuma imitima y'abantu ihimbarwa. Nimwerekane ukuri imbere y'abantu kandi byoye kuba mu magambo gusa.²⁶³

Akamaro ko Gukoresha Uburyo Butunguranye Hamwe na Hamwe. Uwitaka Imana yanyeretse ko bitari byiza kwerekana uburyo tugiye gukoresha mbere yo kubukoresha kubera ko abanzi bacu bari guhagurukira kuturwanya, bikatubera inzitizi. Abagabura b'ubutumwa bari bakwiriye guhamagarirwa kuja mu misozi guhangana n'izo nzitizi kugira ngo babwirize abantu ubutumwa bw'ukuri. Imiburo yari ikwiriye kuvugirwa ku ruhimbi maze igahabwa inteko z'abantu.... ibabwira ubutumwa bwahawe Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi.

Nkurikije umucyo nahawe n'Uwitaka, mfite umuburo ngomba kubwira bene Data. Ntimukavuge ibyo abayobozi banyu bagiye gukora, mujye

²⁶² Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 163, 164.

²⁶³ Testimonies, vol. 6, p. 57 (1900).

mubigira amabanga kugira ngo umwanzi atazabaca inyuma, akiga imigambi yabo, agakora mu buryo bubarwanya. Umwanzi aramutse atazi ibyo bateganya gukora, baba bagize amahirwe.

Dukwiriye kujya tubanza kwiga aho tuzakorera, tukabikorana ubwitonzi kandi ntidukwiriye gutekereza ko ahantu hose hazakoreshwa uburyo bumwe. Turamutse dukoze ibintu mu bwenge, tukirinda kubyigamba, tukima umwanzi urwaho, turamutse duteye intambwe ku ntambwe, tugahuriza amajwi ku ngingo z'ingenzi zigize ukuri, Uwiteka ni we wazabungabunga umutekano w'umusaruro uzavamo. ...

Ba utegereje; shinga amahema ubonye igihe cy'iteraniro rikuru kigeze. Yashyireho vuba vuba maze utange amatangazo avuga ko mufite amateraniro. Niba warigeze ukoresha uburyo runaka, si ngombwa kongera kubukoresha. Imana yakwishimira ko hakoreshwa uburyo bushya butigeze bukoreshwa. Nimurogoye abantu, maze mubatunguze gahunda.²⁶⁴

Uburyo Bwiza Butarimo Ikinyoma. Ntukwiriye kwiyumvisha ko buri gihe ari ngombwa kubwira abatizera ukuri kose. Ukwiriye gutegurana ubushishozi, ukamenya ibyo ugomba kuvuga n'ibyo gucecekwa. Gukora gutyo si ukubeshya, ahubwo ni ugukora nk'uko Intumwa Pawulo yakoraga. Aravuga ati: "Ubwawe ntiwaturemereye, ariko wagize ubwenge bwo kudutegekesha uburiganya." 2 Abakorinto 12:16. Ukwiriye kujya uhinduranya imikorere, ntugahore ukurikiza uburyo bumwe igihe cyose n'ahantu hose. Kuri wowe ushobora kubona uburyo bumwe butanga umusaruro, ariko iyo uza kuba wakoresheje ubundi buryo bwiyongera ku bwo wakoresheje, ugakoresha ubwenge nk'inzoka burenze ubwo wakoresheje, wari kubona umusaruro utubutse kurushaho.²⁶⁵

Icyumba Kibi Gitera Gutsindwa. Niringira neza ko abantu bazaga gukurikira neza ubutumwa tubabwira iyo bene Data baramuka bakodesheje icyumba cyiza kandi kinini gishobora gukwirwamo abantu. Ariko ntibateganyije ko hashobora kuza abantu benshi, bityo bituma bakira abantu bake. Ntidukwiriye gutekereza ko abantu bashobora kuza kumva ukuri kudasanzwe igihe bamamaza bararika abantu bavuga ko amateraniro azabera muri kave cyangwa mu cyumba gito gishobora kwakira abantu bagera ku ijana gusa. ... Kubera ko abakozi bacu bakora nta kwizera bafite, rimwe na rimwe batuma umurimo ubakomerera, bitari ngombwa.²⁶⁶

Dukurikize Uburyo Imana Yishyiriyeho. Gukora ivugabutumwa dukoresha kwerekana ibintu bigaragarira amaso si bwo buryo bwiza bwatuma abagabo n'abagore bashobora kwiga ngo basobanukirwe ukuri kw'iki gihe. Abakozi bacu bakwiriye kwimenyereza kutaya umutungo. Imana ibuza abantu kwaya umutungo wabo. Ifaranga ryose dusabye rigomba gukoreshwa neza. Ntimukwiriye kwerekana ibintu ku buryo buhenze. Umutungo w'Imana ugomba gukoreshwa igikorwa cyo guteza

²⁶⁴ Manuscript 121, 1897.

²⁶⁵ Letter 12, 1887.

²⁶⁶ Historical Sketches, p. 200 (1886).

imbere umurimo yategetse ngo ukorwe ku isi, ariko tugomba gukurikiza uburyo Imana yishyiriyeho.²⁶⁷

Kumurika Ibintu si Uburyo Bwiza bwo Kwamamaza. Imijyi minini ikeneye kuburirwa, ariko bene Data, uburyo mukurikiza mu murimo si ko bwose ari bwiza. Mutekerezwa ko mufite umudendeze wo gukoresha amafaranga yose uko mwishakiye kugira ngo mutere abantu gusamara, kandi hari ahantu henshi hagikeneye gukorwa kandi hakenewe amafaranga yo gukora uwo murimo.

Ntabwo Imana ishimishwa n'ukuntu mukoresha umutungo wayo mu kwamamaza amateraniro no kuyakoresha mwerekana ibikorwa mukora. Umuco wo kumurika ibintu unyuranyije n'amahame y'Ijambo ry'Imana. Itubyamutungo rikorwa kubera imyiteguro y'amavuna ntihesha Imana icyubahiro. Hari ibyo mujya mukora kuri jye bigasa nk'aho ari imikeke y'imitanga iri mu nkono. Kwerekana ibikoresho bituma ukuri gukomerera abantu cyane nk'ibyokurya bikomeye bashyize ku isahane, nuko umuntu bakamusingiza ariko umurimo wo kubwiriza abantu ukuri ntukuze amajyambere kubera ko uba wahuye n'inzitizi. Abagabo n'abagore bakunze guhungabanywa n'ikibonetse cyose, bashobora kubibona nk'aho ari ikinamico, bidafitanye isano n'ubutumwa mwahawe bwo kubwiriza abantu.²⁶⁸

Umusaruro w'Urucantege Uvuye mu Buryo Buhenze. Nimugabanye igicro cy'imirimo yo kwamamaza amateraniro. Niba hateranyijwe amafaranga menshi kubera iteraniro rimwe, mwiya koresha yose, ahubwo nimusagurire andi materaniro.

Niba bishoboka, nimwirinde gukodesha abaririmbyi b'isi. Nimushake abaririmbyi baririmba bayobowe na Mwuka kandi basobanukiwe n'ibyo baririmba. Imurikwa ry'inyongera ry'ibyakozwe rimwe na rimwe mutegura ryongera itubyamutungo. Ibyo ntibyari gukorwa na bene Data. Ingaruka zabyo ni uko hanyuma, abo tudasangiye kwizera bazifata, maze bareke gutanga amafaranga azakoreshwa muri iryo murika. ...

Ndabasabye ntumukongere gukoresha ubwo buryo buhenze. Ndababwira ukuri yuko Uwiteka atemera ko abantu bakoresha ubwo buryo. Ikindi kandi, ntabwo bubazanira umusaruro mwari mwiteze.²⁶⁹

Dukwiriye Kugengwa n'Imana. Mu myiteguro y'umurimo ugamiye guhindura imitima y'abantu, harimo ibintu byinshi bikorwa n'ingabo zo mu ijuru tudashobora kurondora. Dukeneye gufatanya n'intumwa zo mu ijuru. Dukeneye Imana biruseho. Ntidukwirye kwiyumvamo ko ikiganiro cyacu no kubwiriza kwacu ari byo bigomba gukora umurimo. Dukeneye kumenya ko nta bushobozi bwacu bwashobora guhindura imitima y'abantu keretse imbaraga z'Imana.²⁷⁰

267 Letter 107, 1905.

268 Letter 190, 1902.

269 Letter 51, 1902.

270 Manuscript 19b, 1890.

Nimwige Uburyo bwo Gukoresha. Umurimo wo gusarurira Kristo imitima usaba imyiteguro yitondewe. Umuntu ntashobora kwinjira mu murimo w'Uwiteka ngo yizere ko azabona umusaruro atabanje guhabwa amahugurwa. Impuguke mu gushushanya amashusho mbonera y'inyubako z'amazu, azakubwira igihe byamutwaye kugira ngo asobanukirwe n'ukuntu akora igishushanyo cy'inyubako nziza kandi yagutse. Ni ko bigenda ku bantu bose kugira ngo ugire icyo umenya ugomba kubanza kukiga. Mbese abagaragu ba Kristo ni bo bakwiriye kuba abanyamwete muke mu kwitegura umurimo mwiza utazigera uhinyuka? Mbese bakwiriye kuba abaswa mu byereyekeye uburyo ndetse n'umutungo wo gukoresha mu murimo wo gukiza ubugingo bw'abantu? Bidusaba kugira ubumenyi bw'imiterere ya muntu, kwiga cyane, gushyira mu gaciro, gusengana umurava, kumenya uburyo wajya ukoresha uganira n'abagabo n'abagore ku nsanganyamatsiko ikomeye yerekeye imibereho myiza tuzagira by'iteka ryose.²⁷¹

UBURYO BWO KWAMAMAZA BUTANGA UMUSARURO KANDI BUKANYURA ABANTU

Umurimo wacu ugaragazwa n'uburyo twawamamaje. Imiterere n'akamaro k'umurimo wacu bihabwa agaciro hashingiwe ku mbaraga twakoresheje tuwumenyesha abantu. Iyo izo mbaraga ari nke cyane, bituma hagaragara isura y'uko ubutumwa tubwira abantu budakwiriye kwitabwaho.²⁷²

Kwamamaza gushyize mu gaciro: Ni iby'ukuri ko habaho igihe biba ngombwa gukoresha amafaranga neza mu kwamamaza amateraniro ndetse no gukomeza guteza imbere umurimo mu buryo bukomeme. Nyamara imbaraga z'umukozi wese ntizigomba kwishingikiriza kuri ibyo bigaragara inyuma, ahubwo zigomba kwishingikiriza ku kwiringira Imana, umukozi agasengana umwete asaba Imana ubufasha kandi yumvira Ijambo ryayo.²⁷³

Guhimba uburyo bwo kugera ku bantu benshi: Hakenewe abakozi bajijutse bo guhimba uburyo bwo kugera ku bantu. Hari ikigomba gukorwa kugira ngo urwikekwe ruri mu isi abantu bafitiye ukuri rukurweho.²⁷⁴

Gucisha inyandiko mu binyamakuru by'isi: Abantu bazagoreka inyigisho twizera kandi twigisha babyitirire ukuri kwa Bibiliya, kandi bizaba ngombwa ko ingamba ziteguwe neza zikwiriye kuzashyirwaho kugira ngo haboneke uburyo bwo kwinjiza inyandiko [zacu] mu binyamakuru by'isi; kuko ubu buzaba uburyo bumwe bwo gukangurira abantu kumenya ukuri. Imana izihagurukiriza abantu bazaba bashoboye kubiba mu nkuka z'amazi zose. Imana yatanze umucyo ukomeye werekeye ukuri kw'ingenzi, kandi wo mucyo ugomba kugezwa ku batuye isi.²⁷⁵

²⁷¹ *Gospel Workers*, p. 92. (1915).

²⁷² *Historical Sketches*, p. 200. (1886).

²⁷³ *Testimonies*, vol. 9, p. 110 (1909).

²⁷⁴ *Letter 152*, 1901.

²⁷⁵ *Letter 1*, 1875.

Uburyo rukumbi bwo kwamamaza ubutumwa mu bacuruzi: Imana yitegereza abatuye iyi si ibitayeho cyane. Yamaze kandi kubona ubushobozi abana b'abantu bafite bakoresha mu murimo wayo. Iyo usubije amaso inyuma, usanga Imana yararebye abakozi bayo baba abagore n'abagabo, kandi yagiye ibategurira inzira bagombaga kunyuramo ibabwira iti: "Nzabohereza intumwa zanjye kandi bazabona umucyo umurikira mu mwijima. Nibamara kwinjira mu murimo wa Kristo, bazakoresha impano bahawe kugira ngo izina ryanjye rihabwe ikuzo. Bazajya kunkorera bafite umurava n'ubwitange. Binyujijwe mu muhati wabo, ukuri kuzabwirwa imbaga y'abantu hakoreshejwe uburyo bukomeye cyane, kandi abantu b'impumyi mu by'umwuka bazahumuka maze babone agakiza kanjye.

Ukuri kuzashyirwa ahagaragara ku buryo n'uzaba ariho yirukanka azashobora kugusoma. Hazashyirwaho uburyo bwo kugeza ubutumwa ku mitima y'abantu. Bumwe mu buryo buzakoreshwa muri uyu murimo buzaba butandukanye n'ubwakoreshwaga mu bihe byashize, ariko ntihakagire umuntu n'umwe uba inkomyi mu nzira akoresheje kujora bene ubu buryo.²⁷⁶

Gukoresha itangazamakuru: Dukwiriye gukoresha uburyo bwemewe bwose kugira ngo umucyo ugere ku bantu bose. Nimutyo dukoreshe itangazamakuru, kandi hakoreshe inzira yose yo kwamamaza izatuma abantu bakangurirwa gukora umurimo. Ubu buryo ntibukwiriye gufatwa nk'aho ntacyo bumaze. Muja mubona ku mihanda hashinzwe ibyapa ndetse n'amatangazo amanitswe birarikira abantu kwita ku biri kuba, kandi bimwe muri byo ni ibyo guhinyurwa. None se abantu bafite umucyo utanga ubugingo bazanyurwa no gukoresha umwete muke bararikira abantu gukurikira ukuri?

Abakiriye ubutumwa bagomba guhangana n'ubucurabwenge bw'ibinyoma ndetse no kugoreka ibintu gukorwa n'abagabura b'ibimenyabose, nyamara ntibazi uko basubiza ku bintu nk'ibyo. Ukuri kwabwirijwe n'umubwiriza muzima kwari gukiriye gucapwa ku bikoresho by'ikoranabuhanga bishoboka byose, kandi bigakwirakwizwa hirya no hino. Uko bizajya bishoboka kose, nimutyo ibiganiro mbwirwaruhame byatangiye mu materaniro makuru yacu bishyirwe mu binyamakuru. Kubw'ibyo, ubutumwa bwabwiwe abantu bake cyane bushobora kugezwa ku bantu benshi. Kandi aho ukuri kutagiye kumvikana neza, abantu bazabona amahirwe yo kumenya neza ibyo umubwirizabutumwa yavuze.

Nimucane amatara yanyu yake maze umucyo uboneshereze abo mu nzu bose. Niba twarahawe ukuri, natwe tugomba kukumenyesha abandi kugira ngo abafite imitima iboneye bakumenye maze bishimire imirasire yako irabagirana.²⁷⁷

²⁷⁶ *Review and Herald*, Sept. 30, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

²⁷⁷ *Testimonies*, Vol. 6, pp. 36, 37 (1900).

Kwirinda gushitura abantu no kubatera ubwoba: Sinashimishijwe n'amatangazo ahahamurira abantu mwakoreye amateraniro yanyu. Yagaragazaga ubwaka Ntimukwiriye gutangaza amatangazo aca igikuba mu bantu. Igihe Uwituka azaba yiteguye guhana bikomeye imijyi yasaye mu byaha, azabimenyesha ubwoko bwe. Ariko ibyo bizaba nyuma y'uko iyo mijyi izaba yaramaze guhabwa amahirwe yo kumva Ijambo ry'Imana no kwakira ijamba rihesha ubugingo buhoraho.

Umurimo dufite muri iki gihe ni ukumurikira ubwenge bw'abantu no kubwigisha icyo byanditswe Byera bivuga. Ubu inzugi zirakinguwe kugira ngo ukuri kwinjire. Gena igihe wowe ubwawe maze wihe umwanya wo kugeza ubutumwa ku bantu batarigera bumva ukuri. Nk'uko Kristo yagenzaga, sobanura ukuri ukoresheje uburyo butandukanye haba gukoresha imvugo ngereranyo ndetse n'imigani. Uburyo bwiza cyane umukuruyakoresheje yigisha abantu ukuri yifashishije amakarita ashushanyijweho bushobora gukurikizwa rwose. Nimureke amashusho nk'ayo avugane n'ibyumviro by'abantu. Ntimugashyigikire ikintu icyo ari cyo cyose gisa n'ubwaka. Satani akorera mu bwaka agashaka kwireherezaho abigishwa akoresheje ibyo yerekana bishobora kuyobya n'intore bibaye bishoboka.²⁷⁸

Amatangazo ashitura abantu: Gukoresha amatangazo ashitura abantu byangiza iterambere ry'umurimo.²⁷⁹

Ndabizeza ko tubasabira kandi ko tunasabira umurimo ukorerwa mu mujyi wa New York. Ariko ndabingiriza nimukureho ariya matangazo ashitura abantu abararikira kuza mu materaniro yanyu. Umuraba w'ubwaka uramutse unyeganyeye umujyi wa New York muri iki gihe, Satani yaba abonye akito ko gukora ku ntekerezo z'abantu, maze agatangiza umurimo udafite umuntu n'umwe muri mwe wagira icyo awukoraho. Ntabwo muri iki gihe icyo dukeneye ari ugushitura abantu bagatwarwa, ahubwo dukeneye gukorana umwete utuje, udukebakaba kandi urimo ubwitange kugira ngo tubashe kwigisha abantu.²⁸⁰

UMUBWIRIZABUTUMWA MU IYAMAMAZA

Kwirata nta mwanya bifite: Kwirata kose ibyo twe ubwacu twagezeho nta mwanya bifite. ... Ntabwo ibanga ryo kugera ku ntego rigomba kuboneka mu mashuri twize, si mu rwego rw'umurimo turimo, si mu bwinshi bwacu cyangwa impano twahawe, ndetse ntiriri no mu bushake bw'umuntu.²⁸¹

Ntidukwiriye kwigana imigenzereze y'ab'isi: Ntabwo dukwiriye kwigana imigenzereze y'ab'isi; ahubwo ab'isi dukwiriye kubaha icyitegererezo cyiza, tukabereka ko ukwizera kwacu kuri mu rwego rwo

²⁷⁸ Letter 17, 1902

²⁷⁹ Review and Herald, July 5, 1906. [Urwibutso n'Integuza]

²⁸⁰ Letter 17, 1902.

²⁸¹ Christ's Object Lessons, p. 401, 404 (1900).

hejuru kandi guhanitse Kubw'ibyo rero, ibintu byose bidasanzwe ndetse n'ibiranga umuntu ku giti cye na za gahunda z'imikorere zihiniye bugufu zishobora gutanga isura ipfuye y'uko umurimo ukomeye; ibyo byose bigomba kwirindwa.²⁸²

Nta Kugoreka ngo Tubone Indamu: Ntidukwiriye kugoreka ibyo tuvuga ko twizera kugira ngo dukunde tubone indamu. Imana yanga urunuka ubutiriganya n'ikinyoma. Ntabwo izihanganira umuntu uvuga ibyo adakora. Umurimo mwiza cyane kandi w'agahebuzo ukorwa n'imigenzereze yuje gukorera mu mucyo n'ubunyangamugayo.²⁸³

Kristo ntiyigeze yiyita umwigisha mukuru: Gushaka kwishyira hejuru ngo ube ikirangirire si byo bizakugira mukuru mu maso y'Imana, ahubwo imibereho icishije bugufi y'ubugwaneza, kwiyoroshya, ubupfura n'ubutungane ni byo bizatuma urindwa n'abamarayika bo mu ijuru mu buryo budasanzwe. Uwo twahaweho icyitegererezo, ni utaratekereje ko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo akishyiraho kamere yacu maze akaba mu muji wari ucuze umwijima wa Galileya, ukikijwe n'imisozi, akahamara imyaka igera kuri mirongo itatu. Ni we wategekaga ingabo z'abamarayika bose; ariko ntiyigeze amaranira kuba ukomeye cyangwa ngo aharanire guhabwa ikuzo. Ku izina rye ntiyigeze yongeraho ko ari umwigisha mukuru kugira ngo yishimishe. Yari umubaji, yakoreraga igihembo, yari umugaragu w'abo yakoreraga.²⁸⁴

Kristo Yacyashye Ubwirasi Bwabo: Yanenze kandi ubwirasi bw'abo baharaniraga icyubahiro cyo kwitwa 'Umwigisha', cyangwa 'Umutware'. Yavuze yuko icyubahiro cyo kwitwa 'Umwigisha' cyangwa 'Umutware' kidakwiye abantu, ahubwo ari ibya Kristo. Abatambyi, abanditsi, abakuru n'abanyamategeko, bose bari abavandimwe, bakomoka kuri Se umwe. Yesu yagaragarije abantu ko badakwiye kugira uwo baha inyito y'icyubahiro kigaragaza ko agenga intekerezo zabo cyangwa kwizera kwabo.

Mbese iyo Kristo aza kuba ari ku isi uyu muni, azengurutse n'abantu bafite inyito igaragaza icyubahiro nka, "Nyiricyubahiro", cyangwa "Nyiricyubahiro Giheraniye" mbese ntiyasubira mu magambo yavuze ati, "Ntimukemere ko babita abatware: kuko Umutware wanyu ari umwe gusa, ni Kristo?" Mu ijamba ry'Imana haranditse ngo, "Izina ry'Uwiteka ni iryera kandi ni iryo kubahwa." Zaburi 111:9. Mbese iryo zina ryahabwa nde hano ku isi?²⁸⁵

Nta Muntu Ufite Uburenganzirwa Bwo Kwitwa "Nyakubahwa"²⁸⁶: Ntihakwiriye kubaho kumanura urwego ngenderwaho mu bigize uburezi nyakuri. Ahubwo urwo rwego ngenderwaho rugomba gushyirwa hejuru cyane y'aho ruhagaze muri iki gihe. Ntabwo abantu ari bo dukwiriye

²⁸² Letter, 14, 1887.

²⁸³ Letter 232, 1899.

²⁸⁴ Letter 1, 1880.

²⁸⁵ Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 414.

²⁸⁶ Reverend

kwerereza no kuramya; ahubwo Imana nyakuri yonyine kandi ihoraho ni yo tugomba kuramya no kubaha.

Dukurikije inyigisho z'Ibyanditswe Byera, kwita ababwirizabutumwa ba "nyakubahwa" ni ugusuzuguzwa Imana. Nta muntu upfa ufite uburenganzira ubwo ari bwo bwose bwo kongera iri jambo ku mazina ye cyangwa ku mazina y'undi muntu uwo ari we wese. Izina nyakubahwa ni iry'Imana yonyine rukumbi, mu rwego rwo kuyitandukanya n'ibiremwa. Abantu biyita iryo zina baba banyaga Imana icyubahiro cyera cy'ubumana. Urwego baba barimo rwose, nta burenganzira bafite bwo kwiba iryo jambo. "Izina rye ni iryera, ni iryo kubahwa." Iyo dukoresheje iri jambo aho ridakwiriye gukoreshwa, tuba dusuzuguye Imana.²⁸⁷

Abantu Boroheje Bafite Inshingano Zikomeye: Abagabura b'ubutumwa bwiza bagomba kwigisha ukuri mu buryo bworoshye, binyuze mu mugisha w'Imana utuma Ibyanditswe Byera bigira umumaro wo kwigisha, gucyaha, gukosora no guhanira umuntu gukiranuka. Ababwirizabutumwa bacu bose bari bakwiriye kuvugwaho ko "bakwiriranya neza ijambo ry'ukuri." 2 Timoteyo 2: 15.

Ariko ibihabanye n'ibyo, benshi mu babwirizabutumwa bamaze gutandukira imigambi ya Kristo. Usanga bifuza gushimwa n'abantu, kandi bakoresha ubushobozi bwabo bwose mu muhati wo gucukumbura no kwigisha ibintu by'ibitangaza. Uwitaka antegetse kubagira inama ngo bagendane na We bicisha bugufi kandi basenga. ... Bashake kuba abantu boroheje ariko bafite inshingano zikomeye.²⁸⁸

Nta Bantu b'Ibirangirire: Muri twe nta bantu b'ibihangange barimo, kandi nta muntu n'umwe ukeneye kugerageza kwigira icyo atari cyo, akigira umuntu w'ikirangirire. Bwaba ari ubwenge buke umuntu umwe abaye yibandagaje nk'aho afite impano zikomeye cyangwa se ubwenge buruta ubw'abandi, nk'abantu b'ibirangirire mu ntiti babayeho kera.²⁸⁹

Ubutumwa ni Bwo Bukenewe, si Umuntu: Umugabura wigiye kuri Yesu Kristo azahora azirikana ko ari intumwa y'Imana, yahawe n'Imana inshingano yo gukora umurimo utari uw'ako kanya gusa ahubwo ari n'uw'iteka ryose. Mu migambi ye ntihakwiriye kubamo uwo kwireherezaho abantu ngo bahange amaso ubwenge bwe, cyangwa ubushobozi bwe. Ahubwo umugambi we wose wari ukwiriye kuba uwo gutuma abanyabyaha bihana, maze akoresheje amagambo ye n'urugero atanga akabereka Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Inariye ikwiriye guhishwa muri Yesu. Bene abo bantu bazavuga nk'abazirikana neza ko bafite ubushobozi n'ubutware buva ku Mana, maze bayibere abavugizi. Ibiganiro byabo bizarangwamo umwete n'ishyamba byemeza

287 Youth's Instruction, July 7, 1898. [Umwigisha w'Abasore]

288 Manuscript 62, 1905.

289 Review and Herald, 8 December 1905.

abantu bizatera abanyabyaha kubona akaga barimo ko kuzimira, maze bahungire muri Kristo.²⁹⁰

Yohana Yari Ijwi Gusa: Yohana arebesheje amaso yo kwizera akabona Umucunguzi, yari yarahagurutse agera ku rwego ruhanitse rwo kwiyanga. Ntiyigeze ashaka kwireherezaho abantu, ahubwo yazamuraga ibitekerezo byabo bikagera hejuru cyane kugeza ubwo bashoboraga kubonera uburuhukiro mu Mwana w'Intama w'Imana. Yohana ubwe yabaye ijwi gusa rirangururira mu butayu.²⁹¹

Muri iki Gihe Haratoranywa Abantu Bameze nka Yohana: Kugira ngo umuntu afate umwanya w'imbere mu bantu, ijuru rihitamo umukozi umeze nka Yohana Umubatiza, wemera gufata umwanya uciye bugufi imbere y'Imana. Umwigishwa wa Yesu wemera kumera nk'umwana muto ni we ushoboye kandi ukwiriye mu murimo w'Imana. Abamarayika bo mu ijuru bazakorana n'udaharanira kwikuza, ahubwo agashaka gukiza imitima. Umuntu wese wumva ko akeneye ubufasha buturuka mu ijuru azabusaba; kandi Mwuka Muziranenge azamuha kurabukwa Kristo bitume agira imbaraga n'ubuyanja mu mutima we. Kubera gusabana na Kristo, nawe azajya hose kugeza ubutumwa ku bapfira mu byaha byabo. Azerezwa umurimo we, ndetse azagera ku musaruro ushimishije, uwo benshi mu bafite amashuri ahanitse batageraho.²⁹²

Umurimo Wangijwe no Kwihimbaza: Ahimitswe inarijye nta dini ihaba. Umuntu ufite intego yo kwihimbaza, azivutsa ubuntu bw'Imana bwo bwonyine bushobora kumubashisha kuba ingirakamaro mu murimo wa Kristo. Igihe cyose ubwibone no kwiyemera bihawe intebe, umurimo urononekara.²⁹³

Igipimo Nyakuri cy'Umuntu: -Agaciro k'Umukristo ntigashingiye ku mpano z'agatangaza afite, kuba yaravukiye mu muryango ukomeye cyangwa imbaraga z'agatangaza afite. Ahubwo ni ku mutima utunganye, -umutima wejejwe kandi watunganyijwe, umutima udashyira hejuru inarijye, ahubwo kubwo guhanga amaso Kristo, ukagaragaza ishusho y'ubumana imaze igihe itarangwa mu muntu.²⁹⁴

Yesu Wenyine: [Abagabura b'ijambo ry'Imana] bamaramaje kutagaragaza ubwenge bwa kimuntu no kwishyira hejuru, bazakora umurimo utazasenywa n'ibitero bya Satani. Abantu benshi bazava mu mwijima maze bagere mu mucyo kandi amatorero menshi azahangwa. Abantu bazahinduka, atari kubw'abantu ahubwo ari kubwa Kristo. Inarijye izibagirana; Yesu wenyine, Umuntu w'i Kaluvari, ni we uzagaragara.²⁹⁵

290 *Review and Herald*, Aug. 8, 1878 [Urwibutso n'Integuza].

291 *Gospel Workers* p. 56 (1915).

292 *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 297.

293 *Christ's Object Lessons*, p. 402. (1900).

294 *Letter* 16, 1902.

295 *Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 172.

KWIRINDA KWIGARAGAZA NO KWIGIRA IKIRANGIRIRE

Intsinzi Ntishingiye ku Kwigaragaza Inyuma: Abagabura bamwe bakora ikosa ryo kwibwira ko intsinzi ishingiyeye ku gukurura no kureshyashya abantu benshi hifashishjwe uko bigaragaza inyuma, hanyuma maze bakababwiriza ubutumwa bw'ukuri mu buryo bw'ikinamico. Nyamara ibi ni ugukoresha umuriro usanzwe mu cyimbo cyo gukoresha umuriro wera wakongejwe n'Imana. Bene iyo mikorere ntihesha Imana icyubahiro. Ntabwo umurimo w'Imana ukwiriye kurangizwa no kumanika amatangazo ashitura abantu no kwerekana ibintu bihenze, ahubwo uzarangizwa no gukurikiza uburyo Kristo yakoreshaga. "Si kubw'amaboko kandi si kubw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." (Zekariya 4:6). Ukuri kweruye kugereranywa n'inkota ityaye amugi yombi ni ko kwahuranya kugakangura abapfiriye mu bicumuro n'ibyaha byabo maze bagakangukira imibereho y'iby'umwuka. Abantu bazasobanukirwa ubutumwa bwiza nibaramuka babubwirijwe mu buryo buhuje n'imigambi y'Imana.²⁹⁶

Uburyo Bujyanye n'Imitekerereze Myiza: Hariho abantu baba biteguye gushaka ikintu cy'inzaduka bashobora kuzanira abantu nk'ikintu gitunguranye kugira ngo babatere ubwoba maze batangire umurimo udasanze uzangiza umurimo mwiza wamaze gutangira. . . .

Abantu bafite inshingano yo kwigisha ukuri gukomeye, kwagutse kandi kuzahura kw'Ijambo ry'Imana, bagomba guhora bagaragaza umwuka wo kwimbika, umurava n'umwete, ariko kandi batuje ndetse buzuye imitekerereze mizima, kugira ngo akanwa k'abavuga ibigoramye kazibwe. Ntimugashyigikire inkubiri y'ubwuka izangiza umurimo wamaze gutangirwa nk'uko wagombye, kandi ukaba ukorwa mubumbatiye Ijambo ry'Imana mu biganza byanyu...

Abakoraga umurimo mu mujyi wa New York ntibakwiriye gutekereza ko hari ibintu by'inzaduka bigomba kwinjizwa mu murimo kandi ngo bivangwe n'umurimo bakora bityo ngo bibe igihamba cy'imiterere ndengakamere y'umurimo, kandi biwushyireho ikimenyetso cy'uko ari uw'Imana. Umurimo wabo ni uwo kubwira abantu mu kwizera bacishije bugufi kandi biringira, bagisha Imana inama aho gukurikira ibitekerezo byabo bwite, no kwizera inama z'impimbano zigamije gukangura intekerezo z'abantu bapfiriye mu bicumuro n'ibyaha. Imiterere y'ukuri kuboneka mu ijambo ry'Imana ishobora gukora ku mitima nk'uko Umwigisha mukuru yifuza kugera ku bwenge bw'abantu.²⁹⁷

Ntuzigere Upfobya Ukuri: Ntuzigere umanura ukuri ngo ugushyire ku rwego rwo hasi kugira ngo ukunde ubone abihana, ahubwo hirimbana kuzana umunyabyaha wangiritse mu mitekerereze maze umuzamure umugeze ku rwego ruhanitse rw'amatageko y'Imana.²⁹⁸

296 *Gospel Workers*, p. 383. (1915).

297 *Letter* 17, 1902.

298 *Manuscript* 7, 1900.

Irinde Gukoresha Uburyo Bwose bw'Ikinamico: Mfite ubutumwa bugenewe abakozi bashinzwe umurimo wacu. Ntimugashishikarize abantu bagomba gukora uyu murimo gutekereza ko bagomba kwamamaza ubutumwa bweruye kandi bwera bakoresheje uburyo bw'ikinamico. Nta kadomo na kamwe cyangwa akajambo gato na kamwe gafitanye isano n'ibintu by'ikinamico kagomba guhabwa akito mu murimo wacu. Umurimo w'Imana ugomba kugira ishusho yera ndetse mvajuru. Nimutyo ikintu cyose gifitanye isano n'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bugenewe iki gihe kigire ikimenyetso mvajuru. Ntimugatume icyo ari cyose cy'ikinamico cyinjizwa muri uwo murimo, kuko ibyo bishobora kwangiza ukwera kwawo.

Namenyeshejwe ko tuzahura n'ibintu by'ubwoko bwose kandi ko abantu bazagerageza kuzana ibikorwa by'inzaduka mu murimo w'Imana. Bene ibyo bintu twagiye duhura nabyo ahantu henshi. Ngitangira umurimo, hatanzwe ubutumwa buvuga ko ibikorwa byose by'ikinamico bijyanirana no kubwiriza abantu ukuri kugenewe iki gihe bitagomba gushyigikirwa ndetse ko bibuzanijwe. Abantu batekerezaga ko bafite umurimo utangaje bagomba gukora, bashatse gutora imyitwarire idasanzwe kandi bagaragaje inyifato idasanzwe mu byo bakoreshaga umubiri wabo. Umucyo nahawe werekeye bene iyo myigishirize uravuga uti: "Ibyo ntuzabyemere." Ibyo bikorwa bisa n'ikinamico ntibyagombaga guhabwa umwanya mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwera twahawe.

Umwanzi azakurikiranira hafi kandi azabonera icyuho ku bintu bikorwa [mu murimo wo kwamamaza ubutumwa] kugira ngo ateshe agaciro ukuri akoresheje kwinjiza uburyo bwo kwerekana ibintu mu buryo butesha agaciro. Nta buryo na bumwe bwo kwamamaza ubutumwa bwiza mu buryo bw'ikinamico bugomba gushyigikirwa. Ukuri kw'agaciro kenshi twahawe kubwiriza kugomba kuvugwa mu buryo bwose bweruye kandi tukakuvugana icyubahiro cyera.²⁹⁹

Akaga Gaterwa n'Inyigisho z'Amakabyankuru: Mukwiriye kumenya neza ko idini itunganye kandi itagira inenge atari idini irangwa n'amakabyankuru. Nta muntu n'umwe Imana yikoreje umutwaro wo gushishikariza abandi kwitabira amahame n'inyigisho bishingiye ku gukekeranya. Bavandimwe, bene ibyo ntibikarangwe mu nyigisho zanyu.³⁰⁰

Mwirinde Ubwaka: Ntidukwiriye gushyigikira umwuka w'ubwuzu butera umuntu kugira ishyaka by'akanya gato, ariko mu kandi kanya rikayoyoka, maze rigasiga gucika intege no kwigunga. Dukeneye umutsima w'ubugingo uvuye mu ijuru kugira ngo uhembure ubugingo. Nimwige Ijambo ry'Imana. Ntimugategekwe n'amarangamutima. Abantu bose bakora mu ruzabibu rw'Imana bakwiriye kumenya ko amarangamutima atari ukwizera. Guhora iteka umuntu yatawawe si byo bisabwa. Ahubwo

299 Manuscript 19, 1910.

300 Australasian Union Conference Record. March 15, 1904.

dusabwa kugira kwizera gushikamye mu Ijambo ry'Imana, tukariha agaciro nk'umubiri n'amaraso bya Kristo.

Abantu bakorera umurimo w'Imana mu mijyi yacu bakwiriye gufunga cyane inzugi kugira ngo gushitira abantu, gutwarwa ndetse n'ubwaka bitabona aho byinjirira. Ijambo ry'Imana ni ryo kwezwa kwacu no gukiranuka kwacu kuko ari ibyokurya by'umwuka. Kwiga Ijambo ry'Imana ni ukurya ibibabi by'igiti cy'ubugingo. Ku bagaragu b'Imana, nta kintu gishobora kuzamura umuntu kikamushyira hejuru cyaruta kwigisha. Ibyanditswe Byera nk'uko Kristo yabyigishaga. Ijambo ry'Imana ririmo ibyokurya mvajuru bimara ipfa ry'ibyokurya by'umwuka.³⁰¹

Uburyo Buhenze kandi Budasanzwe: Mwahisemo gukora mu buryo bubananiza kandi butwara umutungo mwinshi.

Mweretswe uku kugaragaza umutungo mu buryo buhenze mu ishusho yako nyakuri, kandi mwabwiwe ko bene iyo mikorere inyuranyije n'ubushake bw'Imana. Ku ikubitiro, uburyo buhenze kandi budasanzwe mukoresha bushobora kugaragara nk'ubwashitira abantu cyane, ariko ntibatinda kubona uko kwigaragaza nk'ugukorerwa gutera abantu kurangamira abagore banyu n'abana banyu. Gukoresha umutungo mwinshi ntibijyanye n'ubutumwa budakebakeba mwigisha. Ahubwo inariye ni yo yerekanywe.³⁰²

Ntukwiriye Kwigana ab'Isi: Twigisha kandi dutwaye ubutumwa bukubiyemo inyungu z'iteka ryose. Kubera iyo mpamvu, ntidukwiriye kwigana ab'isi ku kintu icyo ari cyo cyose. Ahubwo tugomba kuba hafi ya Kristo tukamukurikira tugera ikirenge mu cye. Kristo ni we byokurya bihaza, kandi ashobora gukemura ibyo twifuza byose n'ibyo dukeneye.³⁰³

Intsinzi yacu izashingira ku buryo tuzakora umurimo mu buryo bwiyoroheje nk'ubwo Kristo yakoresheye, tudakoresha uburyo bw'ikinamico.³⁰⁴

KURINDA UBURYO BW'IMIKORERE BUBONEYE

Yesu Yigaga Imitekerereze Isanzwe y'Abantu:- Ibikorwa by'ingirakamaro dukesha ibyaremwe ntibigerwaho binyuze mu mikorere isobekeranye ya hutihuti kandi ikangaranya. Ntabwo abantu bemerewe gukora umurimo ibyaremwe bikora. Imana ikorera mu ituze ndetse no mu mikorere ihoraho y'amategako yashyizeho. Satani ahora ashaka uko yagira ibyo ageraho akoresheje guhubuka ndetse n'ubukana; ariko Yesu we yasingiraga ibitekerezo by'abantu anyuze mu byo babaga bamenyereye kubana nabyo. Si kenshi yarogoyaga uburyo bw'imitekerereze babaga bamenyereye akoresheje ibikorwa bihuriyeho cyangwa amategako yashyizweho. Yubahaga umuntu kubw'icyizere yamugiriraga, bityo

301 *Letter* 17, 1902.

302 *Letter*, 205, 1904.

303 *Manuscript* 96, 1898.

304 *Letter* 53, 1904.

akamuha icyubahiro kimukwiriye. Yigishaga ukuri kumaze igihe kirekire mu mucyo mushya ndetse w'igicro cyinshi. Ni muri urwo rwego, igihe yari afite imyaka cumi n'ibiri gusa y'ubukuru, yatangaje abigishamategako igihe yababazaga ibibazo bari mu rusengero.

Yesu yahindutse umuntu kugira ngo abone uko ashyikirana n'inyokomuntu. Yareheje abantu abageza mu mbaraga y'ukuri ihindura akoresheje kubasanga aho bari. Yashyikiraga imitima yabo kubwo kubagirira impuhwe n'icyizere, agatuma buri wese yumva ko yishushanyije na bo rwose muri kamere yabo no mu bibafitiye inyungu. Ukuri kwaturukaga mu kanwa ke kuje ubwiza mu koroha kwako, nyamara gufite icyubahiro n'imbaraga. Mbega ngo Umwami wacu Yesu Kristo araba umwigisha w'akataraboneka! Mbega uburyo yakiranaga ineza umuntu wese wamusangaga ashaka kumenya ukuri ataryarya kugira ngo abashe gushyikira ubwuzu bw'uwo muntu no kubona icumbi mu mutima we!³⁰⁵

Umusaruro Ugenwa n'Uburyo Bwakoreshejwe: Tugomba guhagarara muri iyi si dusa nk'aho ahadukikije hose hari abaguzwe amaraso ya Kristo, kandi nk'aho amagambo yacu, imyitwarire yacu n'uburyo dukora umurimo ari byo bizatuma abo bantu barokoka cyangwa bakarimbuka ... Kuba tuzabona abazakizwa bazaba umusaruro w'imihati yacu bishingiye cyane ku kuntu twita ku murimo dukora.³⁰⁶

Uburyo Bwiza bwo Guhangana n'Urwikekwe: Bavandimwe, mwebwe abajya mu murimo mugaye kubohora abantu baboheshejwe iminyururu y'urwikekwe n'ubujiji, mukeneye gukoresha ubwenge mvajuru nk'ubwo intumwa Pawulo yagaragaje. Igihe muri gukorera ahantu abantu ari bwo bagitangira guhumuka, kandi bakaba babona abantu nk'aho ari ibiti bigenda, muzajye mwitonda, ntumukigishe ukuri mu buryo butera abantu urwikekwe cyangwa ubwatumye badakingurira inzugi z'imitima yabo kwakira ukuri. Aho mushobora kubikora, mujye mwumvikana n'abantu ku ngingo yose. Nimukore ku buryo babona ko mukunda ubugingo bwabo, kandi ko mushaka gufatanya na bo mu buryo bwose bushoboka. Urukundo rwa Kristo nirugaragarira mu byo mukora byose, ni bwo muzashobora kubiba imbuto z'ukuri mu mitima y'abantu runaka. Imana izavomerera imbuto zabibwe maze ukuri kumere ndetse kwere imbuto zizahesha Imana icyubahiro.

Abagabura bacu bakeneye ubwenge buruseho ku bwo intumwa Pawulo yari afite. Igihe yajyaga kubwiriza Abayuda, ntiyabanje kubigisha ku ivuka rya Yesu, igeragezwa rye, ibambwa n'izuka rye nubwo izo nyigisho ari zo zari ukuri kwihariye kugenewe icyo gihe. Ahubwo yatangiye hasi, intambwe ku ntambwe, ahera ku masezerano Imana yari yatanze yerekeye Umukiza, akabanyurira no mu buhanuzi bwamutungaga agatoki. Ubwo yabaga amaze gutinda kuri izo ngingo kugeza ubwo ubwenge bw'abantu bose bwabaga bumaze gusobanukirwa n'ibizivugwamo, maze bakamenya

³⁰⁵ Manuscript 44, 1894

³⁰⁶ Manuscript 14, 1887

ko bagombaga kubona Umukiza, noneho Pawulo yaboneragaho kubasobanurira ko uwo Mukiza yamaze kuza. Yesu Kristo yujuje ibyari byaramuvuzweho byose. Ayo ni yo "mayeri" Pawulo yakoresheye kugira ngo ashyikire imitima y'abantu. Yigishaga ukuri mu buryo butuma urwikekwe rwabo rwa kera rudahagurukira kubahuma amaso no konona imitekerereze yabo.³⁰⁷

Kwigengesera mu Kwigisha Ingingo Zitangira: -Hakenwe kwigengesera gukomeye mu kwigisha abantu basa n'abakiva mu bitotsi. Iteka mujye mwigengesera. Ku ikubitiro ntugahite ushyira imbere y'abantu ingingo zo mu kwizera kwacu zikunze kugibwaho impaka. Nibitaba bityo, uzatuma abazaba bumvise ibyo nk'ihishurirwa rishya kuri bo bareka kugutega amatwi.

Reka bazigishwe uko kuri igihe bazaba babasha kugira ibyo basobanukirwa kandi hari ibimaze kubanyura. Nubwo bishobora kugaragara nk'ibidasanzwe kandi bikangaranywa, benshi muri bo bazanezeze n'uko hari umucyo mushya wamuritse ku Ijambo ry'Imana. Nyamara ukuri kuramutse kwigishijwe ari kwinshi cyane ku buryo badashobora kukwakira, bamwe bakwigendera ubutazongera kugaruka. Ikirenze ibyo, bashobora kugoreka ukuri, kandi mu busobanuro batanga bw'ibyavuzwe bashobora kugoreka Ibyanditswe Byera bityo bagatera abandi bantu urujijo. Tugomba kwitwara mu bintu dukurikije uko bimeze ubu. Nimwigishe abantu ukuri nk'uko kuri muri Yesu Kristo. Mu kwamamaza ukuri ntihakwiriye kubamo umwuka wo guhangana cyangwa kuvuguruzanya.³⁰⁸

Banza Umenye Ubukene bw'aho Ugiye Kubwiriza mbere yo Guhitamo Inyigisho Wigisha: Imenyereze abantu ubasanga mu ngo zabo. Banza usuzume uko umutima wabo utera mu by'umwuka maze ubone kugaba igitero. Kora uko ushoboye maze ubakundishe ubutumwa. Senga kandi wizere, bityo bizatuma wunguka ubunararibonye buzakubera ubw'igiciro. Ntukigishe ku nsanganyamatsiko zimbitse cyane ku buryo zisabaintambarazo mu bwenge kugira ngo umuntu abashekuzisobanukirwa. Uko ukora, senga kandi wizere. Kangurira abantu kugira icyo bakora. Mu izina ry'Uwiteka, korana umuhati udacogora.³⁰⁹

Gutegurira Ubutaka Imbuta Nziza: Jya wibuka ko mu bijyanye no kubwiriza ukuri hagomba gukoreshwamo kwigengesera gukomeye. Twara intekerezo z'abantu ku buryo zitajya kure. Tinda ku kubaha Imana mu bifatika, ari nako ubicengeza mu biganirwa bivugaga ku mahame. Nubigenza utyo, inyigisho za Kristo n'urukundo rwe bizoroshya kandi byigarurire ubutaka bw'umutima kugira ngo bwakire imbuta nziza z'ukuri.³¹⁰

307 *Historical Sketches*, pp. 121, 122 (1886).

308 *Manuscript 44*, 1894.

309 *Letter 189*, 1899.

310 *Letter 14*, 1887.

Ntugateze Amakimbirane no Guhangana: Iga gusanga abantu aho bari [mu myumvire yabo.] Irinde kwigisha ku ngingo zizabyutsa amakimbirane. Ntugatume impuguro utanga zica igikuba mu bantu.³¹¹

Ntukwiriye kubyutsa umwuka watuma abantu bavuguruza ibyo uvuga batarabona amahirwe yo kumva ukuri no kumenya neza ibyo bavuguruza ibyo ari byo.³¹²

Ntugateshure Abantu ku Kuri:-Dufite inshingano itoroshye yo kubwiriza ukuri abatizera dukoresheje uburyo burimo imbaraga zikomeye cyane. Mbega ukuntu twari dukwiriye kwigengesera kugira ngo tutigisha ukuri mu buryo bwatuma abagabo n'abagore bakuzibukira! Abigisha iby'idini bahagaze mu mwanya ukomeye aho bashobora gukora ibyiza bihebuje cyangwa bagakora ibibi bikabije

Uwiteka araturarika ngo tuze mu birori byo gusangira ukuri, ngo niturangiza kurya, duhereko tujye mu nzira nyabagendwa no mu mihora, maze duhatire abantu kwinjira dukoresheje kubabwira iby'igitambo gikomeye kandi gitangaje Kristo yatangiye abatuye isi. Tugomba kwigisha abantu ukuri dukoresheje uburyo Kristo yabwiye abigishwa be ko ari bwo bagomba gukoresha. Ni ukukwigisha twicishije bugufi no mu rukundo.³¹³

Ku Byerekeye Abapasitoro bo mu Yandi Madini:-Bikwiriye guhora bigaragara ko turi abagorozi tutari abaka badasobanukiwe kandi bakabya mu myizerere. Igihe abakozi bacu binjiye mu murimo ahantu hashya, bari bakwiriye gushaka uko bamenyana n'abapasitoro b'aho hantu bo mu matorero atandukanye. Twahombye ibintu byinshi bitewe no kwirengagiza gukora dutyo. Ababwirizabutumwa bacu nibaramuka berekanye ko bagira urugwiro kandi bagasabana, ndetse ntibitware nk'aho batewe ipfunwe n'ubutumwa batwaye, ibyo bizatanga umusaruro ukomeye, kandi byazatuma abo bapasitoro n'amatorero yabo bashimishwa n'ukuri tubwiriza. Uko byamera kose ni byiza kubaha amahirwe yo kumenya ubutumwa no kubwakira baramutse babishaka.

Abakozi bacu bakwiriye kwigengesera kugira ngo batagaragara nk'aho ari amasega yinjiye mu kiraro ashaka gushimuta intama, ahubwo bakwiriye kureka abagabura bo mu yandi madini bagasobanukirwa ko icyo bakora n'umugambi wabazanye ari uwo gukangurira intekerezo z'abantu kumva ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Hariho kwinshi muri uko kuri Abakristo bose bakunda. Bene uko kuri ni ko rubuga rusange dushobora guhuriraho n'abizera bo mu yandi matorero; kandi mu kumenyana nabo tuba dukwiriye gutinda cyane ku ngingo abantu bose bumva bashishikariye, kandi zidahita ziganisha ku mpaka.³¹⁴

³¹¹ *Testimonies*, vol. 6, p. 58 (1900). [Ibihamya]

³¹² *Testimonies*, vol. 6, p. 36. (1900). [Ibihamya]

³¹³ Letter 177, 1903.

³¹⁴ *Review and Herald*, June 13, 1912. [Urwibutso n'Integuza]

Kwirinda Inzitizi Zitari Ngombwa: Igihe twinjiye ahantu, ntidukwiriye kubaka insika zitari ngombwa ngo tuzishyire hagati yacu n'andi madini, by'umwihariko Abagatulika, ku buryo batekereza ko turi abanzi babo gica. Ntidukwiriye gutera urwikekwe rutari ngombwa mu ntekerezo zabo tubashotora. Hariho benshi mu Bagatulika bagendera mu mucyo bafite kurusha benshi mu bavuga ko bizera ukuri kugenewe iki gihe, kandi Imana izabagenzura ndetse irebe uko bahagaze nk'uko natwe yatugenzuye kandi ikareba uko duhagaze.³¹⁵

Kureba Kure mu by'Umwuka Birakenewe: Twatakaje igihe cy'igiciro cyinshi. Twari dufite amahirwe menshi ariko yaduciye mu myanya y'intoki tutayabyaje umusaruro, bitewe no kubura kureba kure mu by'umwuka ndetse no kubura ubwenge bwo gukora igenamigambi ryagutse, gushyiraho uburyo bushya no gushaka amikoro akenewe kugira ngo umwanzi akozwe isoni kandi mu murimo hakorwe byinshi

Yemwe barinzi bahunikiriye mwe, ijoro rigeze he? Mbese ntimuzi aho ijoro rigeze? Murumva mudafite umutwaro wo kuzamura ikimenyetso mpuruza maze mugatanga imiburo igenewe abantu bo muri iki gihe? Niba mutabigenje mutyo, nimumanuke muve ku nkike z'umurwa Siyoni, kuko Imana itazabaragiza umucyo igomba gutanga. Umucyo uzahabwa gusa abantu bazawumurikishiriza abandi.³¹⁶

IMYITWARIRE KU RUHIMBI, AMATANGAZO N'IMYTEGURO IBANZA

Agaciro k'Umuwugabutumwa:-Kwitwara neza ku ruhimbi ni ngombwa. Umugabura w'ubutumwa bwiza akwiriye kwita ku myitwarire ye. Niba ahagarariye Kristo, imyitwarire ye, inyifato ye n'ibimenyetso akora, byose bikwiriye kuba biteye ku buryo bidatera ishozi abamureba. Ababwirizabutumwa bakwiriye kurangwa n'ubupfura. Bakwiriye kuzibukira inyifato, imyifatire n'ibimenyetso byose birangwa n'ikinyabupfura gike, kandi muri bo ubwabo bakwiriye gushishikarira kurangwa no kwicisha bugufi biha agaciro mu myitwarire yabo. Bakwiriye kwambara mu buryo bukwiranye n'agaciro k'urwego barimo. Amagambo yabo agomba kuba atari inyadagazi kandi yatoranijwe neza.³¹⁷

Imyitwarire ku Ruhimbi:-Nyamara akenshi hari ibintu bidahwitse bijya bikorerwa ku ruhimbi rwera. Usanga umubwirizabutumwa ariho aganirira n'undi ku ruhimbi kandi bari imbere y'iteraniryo ry'abantu, ugasanga baseka kandi bakabikora basa nk'aho batikoreye umutwaro w'umurimo, cyangwa se badasobanukiwe bikomeye n'umuhamagaro wabo wera. Uwo mubwirizabutumwa afata ibyera akabimanura ku rwego rwo hasi rw'ibintu bisanzwe.³¹⁸

315 Manuscript 14, 1887

316 Manuscript 107, 1898.

317 Testimonies, vol. 1, p. 648, 649. (1868). [Ibihamya]

318 Testimonies, vol. 2, pp. 612, 613. (1871). [Ibihamya]

Igicumuro ku Mana: -Rimwe na rimwe amateraniro y'ubwoko bw'Imana yagiye afatwa nka gahunda zisanzwe kandi ibyo byabaye igicumuro ku Mana, ndetse byambuye umurimo wera kwera kwawo n'ubutungane bwawo.³¹⁹

Wita Igihe Wisegura ku Bantu: -Ababwiriza benshi usanga bata igihe n'imbaraga bavuga amagambo abanza menshi kandi banisegura ku bantu. Uko ni ko igihe gipfushwa ubusa, maze igihe bageze ku kibwirizwa ugasanga bagerageje gusukiranya ingingo zigize ukuri bazipakira mu bwenge bw'abateze amatwi. Bityo, abantu barananirwa kandi ntibashobore kubona uburemere bw'uko kuri.

Aho kugira ngo umugabura yisegure bitewe n'uko agiye kubwiriza, yagombye gutangira nk'aho azi neza ko atwaye ubutumwa Imana buvuye ku Mana.³²⁰

Isengesho ryo mu Ruhame: Amasengesho asengewe mu ruhame akwiriye kuba magufi kandi akarasa ku ntego. Ntabwo Imana idusaba guhindura igihe cyo kuramya umwanya unaniza abantu dusenga amasengesho maremare Iminota mike irahagije kugira ngo umuntu asenge isengesho risanzwe ryo mu ruhame.³²¹

Senga Imana Wicishije Bugufi mu Mutima: -Ntidukeneye gusenga amasengesho maremare igihe dusengera mu ruhame. Dukwiriye kubwira Imana ibyo dukeneye twiyoroheje mu mitima, kandi tukayisaba kudasohoreza amasezerano yayo dufite kwizera n'ibyiringiro ko iteraniro ry'abantu rimenya ko twimenyereje gushyikirana n'Imana mu masengesho. Bazagira umwete wo kwizera ko Uwiteka ari mu iteraniro, bityo bakingurire imitima yabo kwakira umugisha we mwinshi. Uko bizera ko muvugisha ukuri kuziyongera, bityo babe biteguye gutega amatwi amabwiriza uwigisha abagezaho bafite ubushake.³²²

Imyitwarire n'Ibikorwa Bihutiyeho: -Imana yaguhaye umurimo ugomba gukora. Ntugomba gukorwa mu buryo buhutiyeho, ahubwo ni mu buryo butuje kandi butekerejwe neza. Umwami Imana ntisaba umubwiriza kugira imyitwarire n'ibikorwa bihutiyeho kandi bidasobanutse.³²³

Kwirinda amanjwe: -Ntidushobora kuba abungeri b'umukumbi keretse gusa twitandukanije n'ingeso zacu, imigenzereze n'imigenzo byacu maze tugasa na Kristo. Iyo turiye umubiri we kandi tukanywa amaraso ye, ni bwo imbuto y'ubugingo buhoraho izaboneka mu murimo dukora. Ntihazongera kubaho amagambo yataye agaciro y'amanjwe cyangwa se ibitekerezo bisubirwamo kenshi. Hazabaho imyumvire mishya yerekeye ukuri.

319 Letter 155, 1900.

320 Gospel Workers, p. 168. (1915).

321 Gospel Workers, p. 175. (1915).

322 Manuscript 127, 1902.

323 Testimonies, vol. 8, p. 189, (1904).

Abantu bamwe mu bahagarara ku ruhimbi batuma intumwa zo mu ijuru ziri mu iteraniro zikorwa n'isoni kubera bo. Ubutumwa bwiza bitangaje bwatanzweho byinshi kugira ngo bubwirwe abari mu isi buteshwa agaciro. Habaho ikiganiro gisanzwe, kandi kitagira agaciro, hakaba imyifatire itarangwa n'ikinyabupfura n'ibikorwa bikomoka mu mico y'umuntu. Kuri bamwe habaho kuvuga vuba vuba, abandi nabo bakavuga amagambo adafite ireme kandi adasobanutse. Umuntu wese uhagarara imbere y'abantu yigisha akwiriye kumva ko afite inshingano ikomeye mu biganza bye. Akwiriye kubanza kwiye gurira Imana akiyanga amaramaje, yiyemeje kutagengwa n'inarijye ukundi, ahubwo akaba yuzuwe n'ibya Yesu byose.³²⁴

Irinde ibimenyetso bidafututse n'imvugo nyandagazi: Umukozi w'Imana akwiriye gukoresha umwete wose kugira ngo ahinduke uhagarariye Kristo by'ukuri yirinda gukora ibimenyetso bidafututse n'imvugo nyandagazi. Akwiriye kwihatira gukoresha imvugo itunganye. Hariho abantu benshi batagira icyo bitaho mu mivugire yabo; ariko baramutse bitonze bashyizeho umwete, bashobora guhinduka abahagararira ukuri. Bakwiriye kujya bakuza amajyambere buri muni. Ntibakwiriye kureka kuba ingirakamaro no kuzibukira impinduka bashobora kuzana mu bandi bitewe n'uko banze kureka inenge zo mu migenzereze yabo, ijwi cyangwa imvugo yabo.³²⁵

Imiterere mu mico no mu myifatire by'umubwirizabutumwa:- Umurimo abagabura bacu bafite usaba ko bagira imibiri ifite amagara mazima n'intekerezo ziri ku murongo. Ibyumviro bitaraga, imyakura idafite umuze, ndetse n'umutima utuje kandi wishimye nibyo bizajya biranga umubwirizabutumwa bwiza aho azaba ari hose. Ibyo bikwiriye gushakishwa kandi bigaharanirwa ubudacogora kugira ngo bigerweho.³²⁶

IBYATUMA ABANTU BAGIRA UBWUZU BWO KUMENYA UKURI

Ukuri Gukwiriye Kwireherezaho Abantu: Nimutyo umuhati wanyu we kuba uwo gukurikiza uburyo ab'isi bakoresha ahubwo mukurikize inzira y'Imana. Ibyo mwerekana bigaragara ntibizakora umurimo Uwituka yifuza ko wakorwa kugira ngo ukangurire abantu bo mu nzego zo hejuru kwemera ko ibyo bumvise ari ukuri. Ntimukambure ukuri icyubahiro cyako n'ububasha gufite bwo kureshya abantu mubanza kuvuga amagambo ajyanye n'iby'isi kuruta uko ajyanye n'iby'ijuru. Nimureke ababatega amatwi basobanukirwe ko mudateranya amateraniro yo ku Cyumweru nimugoroba mugamije kureshyareshya ibyumviro byabo mukoresheje umuziki n'ibindi bintu, ahubwo ko muba mugamije kubabwiriza ukuri kweruye rwose, kugira ngo kubagereho ari umuburo, ngo kubakangure bawe mu bitotsi bicurera urupfu byo kudamarara no kunezeza inarijye. Ukuri kweruye kumeze nk'inkota ityaye amugi yombi ni ko kwahuranya impande zombi

324 *Testimonies to Ministers*, p. 339. (1896).

325 *Counsels to Teachers*, p. 238 (1913)

326 *Testimonies*, vol. 3, p. 466. (1875).

Abantu bakora umurimo w'Imana bishingikiriza kuri gahunda y'ab'isi kugira ngo bagere ku musaruro, barishuka bazatsindwa. Uwiteka arabahamagarira guhindura imikorere yanyu. Ashaka ko mushyira mu bikorwa ibyigisho byigishijwe mu mibereho ya Kristo. Nimubigenza mutyo, icyitegererezo Kristo yatanze ni cyo kizagaragara mu materaniro yose muzajya muyobora.³²⁷

Imyigishirize Ishaka Ibintu Bishya: Umwigisha w'abigisha yashakaga uko ashyikira abantu akoresheje inzira y'ibyo bamenyereye kubana nabyo. Yigishaga ukuri ku buryo nyuma yo kwigisha kwe, ku babaga bamuteze amatwi, kwa kuri kwasigaraga komatanye n'ubwenge bwabo cyane n'umutima wabo w'impuhwe. Yigishaga mu buryo bwatumaga bumva ko yisanishije mu buryo bwuzuye n'inyungu zabo n'umunezero wabo. Amabwiriza yatangaga yabaga yoroshye, ingero ze zabaga zijyanye n'inyigisho, amagambo ye yabaga yuje impuhwe kandi anezeza ku buryo abamwumvaga babaga batwawe [namagambo ye].

Nyinshi mu ngero n'inyigisho Kristo yatangaga yazivanaga mu nzu y'ububiko ikomeye ari yo y'ibyaremwe. Yasoromaga ururabyo maze akereka ababaga bamuteze amatwi ukuntu urwo rurabyo rworoshye kandi rufite ubwiza butangaje. Yaberekaga ibyatsi byo mu gasozi avuga ati: "Ariko Imana ubwo yambika ubwatsi bwo mu gasozi ityo, buriho none, neho bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika?" (Luka 12:28). Ashaka ko tubona ko ibyo tubona mu byaremwe ari imvugo igaragaza urukundo rw'Imana, kandi ko nubwo byangijwe n'icyaha, biracyatubwira iby'urugo rwo mu ngobyi ya Edeni, aho Adamu na Eva bari baratujwe. Kristo yifuza ko ibyo tubona mu byaremwe bitwibutsa iby'igihe uru rugo rwo muri Edeni ruzongera gusubizwaho, kandi icyo gihe isi izaba yuzuyemo gusingiza Uwiteka.³²⁸

Yatumaga Bamwerekezaho Intekerezo Zabo: Abantu bategeye amatwi amagambo y'imbabazi yavaga mu kanwa k'Umwana w'Imana. Bumvise amagambo meza, amagambo yoroshye kandi asobanutse ku buryo mu mitima yabo yari ameze nk'umuti womora w'i Galeyadi. Gukiza kwaturukaga mu kuboko kwe k'ubumana kwazaniye abarembye umunezero n'ubugingo, kuzanira abarwayi korohereza no kugira amagara mazima. Kuri bo, uwo munsu wari umeze nk'aho ijuru ryaje ku isi, ndetse kuri bo ntibari bakibuka ko bamaze umwanya muremure batarabona ibyokurya

Uwigishije abantu inzira yo kugera ku mahoro n'umunezero, ni na we witaye ku byo umubiri wabo wari ukeneye nk'uko yitaga ku by'umwuka byabo. Abantu bari bananiwe kandi bafite intege nke. Harimo ababyeyi bateruye impinja n'abandi bana bato bafashe imyenda yabo. Bari bamaze umwanya muremure bahagaze. Bari bafite ubwuzu bwinshi bwo kumva amagambo ya Kristo ku buryo batigeze na rimwe batekereza kwicara hasi,

³²⁷ Letter 48, 1902.

³²⁸ Letter 213, 1902.

kandi bari benshi cyane babyigana ku buryo bashoboraga gukandagirana. Yesu yifuje kubaha umwanya wo kuruhuka, maze ababwira ko bicara hasi. Aho hari ibyatsi byinshi, ku buryo bashoboraga kuruhuka bamerewe neza.³²⁹

Gahunda nziza yireherezaho abantu:-Hari ibindi neretswe. Nabonye amahema ajyanywe ahantu hatandukanye mu gihe cy'amateraniro makuru. Amateraniro makuru yaberaga ahantu hatari hamwe. Yari ayobowe n'abantu babishoboye kandi bubaha Imana, babaga bafite abafasha bakwiriye. Habagaho amateraniro y'abana n'amateraniro y'ububyutse, ndetse hakoreshwaga umwete udacogora kugira ngo abantu bafate icyemezo. Umeze nka Pawulo yashoboraga gutera imbuto, Apolo akazuhira, ariko Imana ni yo yazikuzaga

Nimutyo impano yo kuririmba ikoreshwe mu murimo. Kwifashisha ibikoresho bya muzika ntabwo bibuzaniye. Mu bihe bya kera, ibyo bikoresho byajyaga bikoreshwa muri gahunda z'iby'idini. Ababaga baje kuramya Imana bayisingizaga bacuranga inanga, bityo muzika ikwiriye kugira umwanya muri gahunda zacu zo kuramya. Izatuma abantu barushaho kwitabira.

Ariko rero, ukwiriye gutuma intekerezo z'abantu zihugukira ibyo uvuga ubwiriza abantu ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Babwire umusaraba w'i Kaluvari gusa. Ni iyihe ntandaro y'urupfu rwa Kristo? Ni ukwica amategeko y'Imana. Kristo yapfiriye kugira ngo ahe abantu amahirwe yo guhinduka abaragwa badahemuka b'ubwami bwe.

Jya uvuga amagambo magufi, usenge amasengesho magufi kandi ubikuye ku mutima. Hugura abantu, ubigishe ibyerekeye gahunda [yo kuramya] inoze kandi birunduriyemo batiziganye. Kwiye gurira Imana byimazeyo, gusenga cyane no kudakebakeba, bizakora ku mitima kuko abamarayika b'Imana bazaba bahari kugira ngo bakangure imitima y'abantu.³³⁰

Ibintu binyuranye bikururira abantu mu materaniro y'ivugabutumwa:-Muri ayo materaniro haba hateraniye abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene n'abanyabyaha b'inzego zose, kandi abo bose bumva ubutumwa bw'imbabazi butangwa n'abagaragu batumwe n'Imana. Hari insanganyamatsiko zitandukanye zo muri Bibiliya zigishwaho, ndetse n'imyitoto itari imwe ikorwa muri ayo materaniro.

Abakuru n'abato barahamagarwa kandi Uwiteka akomanga ku mitima y'abumva ubutumwa. Hakoreshejwe ubu buryo, hatangwa irarika rihamagarira abantu kuza gusangirira mu birori nk'uko rivugwa mu mugani. Abantu bamwe bamaze imyaka cumi n'ibiri, cumi n'ine ndetse na cumi n'itandatu batinjira mu rusengero bitewe n'imyizerere yabo noneho baratsindwa maze bakihana. Abizera bo mu itorero barakanguka cyane,

329 Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 247, 248.

330 Letter 132, 1898.

maze bagatega amatwi ibibwirizwa n'ibisomwa muri Bibiliya bisobanura Ibyanditswe bafite gutangara kwinshi. Ndetse no mu materaniro yerekeye imibanire y'abantu wahasanga ikintu gikwiriye buri wese.³³¹

Insanganyamatsiko zikomeye-Ubutumwa bugendana n'igihe: Abantu bahagarara imbere y'abandi nk'abigisha b'ukuri, bakwiriye guhatanira gusobanukirwa no kwigisha insanganyamatsiko zifite uburemere. Ntibakwiriye gupfusha ubusa igihe cy'ingenzi baganira ku ngingo zidafite agaciro. Nimutyo bige Ijambo ry'Imana, kandi abe ari na ryo babwiriza. Nimureke Ijambo ry'Imana ribe mu ntoki zabo rimeze nk'inkota ityaye amugi yombi. Nimureke abe ari ryo rihamya ukuri ko mu bihe byashize kandi ryerekane n'ibizabaho.

Kristo yavuye mu ijuru azanywe no guha Yohana ukuri gukomeye kandi gutangaje kugomba kugorora imibereho yacu kandi akaba ari natwe tugomba kukubwiriza abo mu isi. Tugomba kumenya uko ibihe bisimbura, tugatanga ubuhamya busobanutse, buteguranywe ubuhanga kandi buyobowe n'Umwuka Wera.³³²

AMATERANIRO YO GUSIGANUZA NO KUBAZA IBIBAZO

Hamagara Ababyifuza Basigare Nyuma y'Iteraniro: Ukuri gukomeye kwagenewe iki gihe gukwiriye kumenyeshwa abantu, kandi hagatangwa n'ubusobanuro. Muri ayo materaniro haza abantu b'ingeri zose, baba abo mu rwego rwo hejuru cyangwa abo mu rwo hasi, kandi bese tugomba kugira icyo tubamarira. Nyuma yo gutanga ubutumwa bw'imbuze, nimutyo abakunze ubwo butumwa mu buryo bwihariye bararikirwe kuja ukwabo mu mwanya bateguriwe, maze muhabafashirize kugira ngo batere intambwe yo guhinduka. Ubu buryo bw'imikorere ni wo murimo w'ivugabutumwa wo ku rwego rwo hejuru.³³³

Igisha Ukuntu Umuntu Ahinduka Umukristo.-Ndifuza ko musobanukirwa neza n'iyi ngingo. Abantu ntibumvira ukuri bitewe n'ibitekerezo birimo urujijo, kandi nanone bitewe n'uko batazi uko bakwegurira Yesu ubushake bwabo n'itekerezo zabo. Abo bantu bakeneye guhabwa inyigisho yihariye y'ukuntu bahinduka Abakristo. Umurimo dukorera Kristo ku isi ntugizwe n'ibikorwa bikomeye ndetse n'umusaruro w'igitangaza. Ibyo bizaza igihe bizaba bikenewe. Ariko umurimo urusha indi gutanga umusaruro ni wa wundi ukorwa maze inariye ntiwugaragaremo uko bishoboka kose. Ni umurimo wo "gutoza itegeko rikurikirwa n'irindi, itegeko ku itegeko, n'umurongo ku murongo, aha bikeya, hariya bikeya," (Yesaya 28: 10), maze ukuri kugasanganya imitima y'abantu. Uyu ni umurimo ukorerwa Yesu Kristo kandi uzagaragazwa ku munsu wa nyuma.³³⁴

331 Manuscript 7, 1900.

332 Review and Herald, April 19, 1906. [Urwibutso n'Integuza]

333 Letter 86, 1900.

334 Letter 48, 1886.

Egera abantu nyuma yo kubabaza ibibazo: Hariho akaga ko kuva ku ngingo imwe ujya ku yindi hutihuti. Igisha abantu ibyigisho bigufi, kandi ubikore kenshi ... Igihe urangije gukingurira abantu ibirombe by'agaciro kenshi birimo ukuri, haba hakiriho umurimo ukomeye ugomba gukorerwa abantu banyuzwe n'ingingo yaganiriweho.

Nyuma y'ikiganiro kigufi, hindura imigendekere y'ibyo wakoraga, maze abantu bose babishaka ubahe amahirwe yo gusigara kugira ngo muganire nyuma ubabaza ibibazo, cyangwa se basigare mwigane Bibiliya aho bashobora kubariza ibibazo ku ngingo zimwe zibagora. Ni bwo uzagera ku cyo wifuza bikomeye muri uko kwegerana n'abantu mwiga ibyigisho bya Bibiliya. Abakozi bakorana umurimo n'abagabura bakwiriye kugira umwete wihariye bihanganye kandi batuje kugira ngo bayobore abafite ibyo basiganuza bityo basobanukirwe ukuri.

Niba ufite umuntu umwe ugomba kwigisha, igihe uwo umwe asobanuriwe maze akemera mu buryo bwuzuye, umucyo yakiriye azawugeza ku bandi. Uko kuri gukomeye gucengera intekerezo, ni ukw'agaciro gakomeye ku buryo gushobora gusubirwamo kenshi, ndetse kugacengera mu ntekerezo z'abakumva.³³⁵

Umwanya wo kubaza ibibazo: Igihe bishoboka, kwigisha ubutumwa mu buryo mbwirwaruhame bikwiriye gukurikirwa no kwiga Bibiliya. Muri icyo gihe cyo kwiga ni ho ibyigishijwe byongeraga gusubirwamo, ibibazo bikabazwa, kandi ibitekerezo bitunganye bigacengezwa mu biga. Hakwiriye gutangwa igihe gihagije kugira ngo abantu bigishwe mu ituze, ndetse bahabwe umwanya wo kuvuga ibitekerezo byabo. Abantu baba bakeneye inyigisho, umurongo ku murongo, n'itegeko ku itegeko.

Hakwiriye kandi kubaho amateraniro yihariye y'abantu bagenda bakunda ukuri kwigishwa kandi bakeneye kwigishwa byimbitse. Ayo materaniro akwiriye gutumirwamo abantu bose, baba abizera n'abatari abizera, kandi bose bagahabwa umwanya wo kubaza ibibazo ku ngingo batasobanukiwe neza. Ha abantu bose amahirwe yo kuvuga ku bintu byose batumva neza kuko byanze bikunze bazaba babifite. Mu bibwirizwa byose no muri gahunda yose yo kwiga Bibiliya, reka abantu babone ko ku ngingo yose hatangwa igihamba cyo kwizera kwacu n'ukuri tubwiriza kuvuga ngo "Ni ko Uwiteka avuga."

Ubu buryo ni bwo Kristo yakoresheye mu myigishirize ye. Iyo yabwiraga abantu, bibazaga icyo ashatse kuvuga. Ababaga bashakira umucyo bicishije bugufi, yahoraga yiteguye kubasobanurira amagambo yavuze. Ariko Kristo ntiyigeze ashyigikira kujora inyigisho ze cyangwa guhinyura. Natwe ntidukwiriye kubishyigikira. Igihe abantu bagerageje gukurura impaka ku ngingo z'amahame zisa n'izivuguruzanya, muje mubabwira ko ayo materaniro atateguwe kubw'uwo mugambi.

³³⁵ *Special Testimonies*, Series A, No 7, p. 7 (1874).

Igihe usubije ikibazo, kora uko ushoboye kugira ngo abateze amatwi bamenye neza kandi bazirikane ko icyo kibazo gisubijwe koko. Ntukemere ko hari ikibazo kigucika ngo usabe abantu kongera kukibaza. Genda intambwe ku ntambwe kandi umenye uko icyigisho cyumvikanye.

Mu materaniro nk'ayo, abantu basobanukiwe n'ubutumwa bashobora kubaza ibibazo bishobora gusobanura biruseho bigatanga umucyo ku ngingo zigize ukuri. Ariko ukwiriye kumenya ko bamwe muri bo batajijutse ku buryo bashobora kubaza ibibazo nk'ibyo. Niba hari ubajije ibibazo bigamije gusa gutera urujijo mu ntekerezo z'abandi no kubiba imbuto zo gushidikanya, bene abo bakwiriye kugirwa inama yo kureka kubaza bene ibyo bibazo. Dukwiriye kwiga tukamenya igihe tugomba kugira icyo tuvuga n'igihe tugomba guceceka, tukiga kubiba imbuto zo kwizera, no kugeza umucyo ku bandi mu cyimbo cy'umwijima.³³⁶

Tinyura Abantu Ubabaza Ibibazo: Nyuma yo kuvuga ubutumwa mu gihe kitarambiranye, ruhuka gato kugira ngo ubashe gutanga akanya ko gusoma Bibiliya ku ngingo zavuzweho, maze utere abantu kuvuga ukoresheje kubabaza ibibazo. Babaze ibibazo bicengera mu mitima y'abakumva, maze ubatere kukubwira ibyabakomereye gusobanukirwa kugira ngo ubashe gusobanura Ibyanditswe Byera batari basobanukiwe.³³⁷

Ikintu cyo Kwitondera: -Igihe cyose Uwiteka afite umurimo udasanze ugomba gukorwa mu bwoko bwe, igihe ashaka gukangurira intekerezo zabo kurangamira ukuri guhesha ubugingo, Satani azakora ibishoboka ngo ateshure intekerezo z'abantu akoresheje kuzana ingingo nto zihabanye [n'uko kuri] kugira ngo azane ikibazo cyerekeye amahame atari ngombwa mu gusobanukirwa ingingo iri kuvugwaho, bityo agateza abantu gucikamo ibice, kandi agateshura intekerezo zabo ntibabe bacyitaye ku ngingo y'ingenzi. Iyo ibyo bibaye, Uwiteka aba ari ku murimo agenderera imitima y'abantu ayemeza iby'ingenzi biyanye n'agakiza kabo. Ariko iyo Satani ashoboye guteshura intekerezo z'abantu bakazihanga ku bitagira umumaro, ndetse akabatera kwiremamo ibice bashingiye ku tuntu duto batumvikanaho kugira ngo imitima yabo ikingirizwe umucyo n'ukuri, ashimishwa cyane n'intsinzi y'uburiganya.³³⁸

Umwuka wo guhangana warahagurukijwe; uwo kwemera urazimya: -Satani akora ubutaruhuka ngo ateshure intekerezo z'abantu abashukisha ibintu by'isi, kugira ngo ukuri gutakaze imbaraga kwari kugira mu mitima; kandi ngo nibiba bityo abantu be kugira icyo biyungura ndetse be gukuza amajyambere bava ku mucyo muke n'ubumenyi buke basingira umucyo mwinshi n'ubumenyi busumbyeho. Keretse gusa abayoboze ba Kristo nibahora bakangukiye gushyira mu bikorwa ukuri bamenye, naho nibitaba bityo ntibazeresha uko kuri. Ibibazo, ibihuha n'ibintu by'amanjwe ni byo bizafata icyicaro mu ntekerezo, maze abe ari byo baja baganiraho,

³³⁶ *Testimonies*, vol. 6, pp. 68, 69 (1900). [Ibiamya]

³³⁷ *Letter* 8, 1895

³³⁸ *Review and Herald*, Oct. 18, 1892. [Urwibutso n'Integuzi]

bityo hazabaho kwivovota no guhangana ku magambo yakoreshejwe, ndetse no gutanga ibitekerezo binyuranye ku ngingo zidafite akamaro kandi zitari ingenzi...

Umukozi w'Imana akwiye kuba umunyabwenge bihagije kugira ngo ashobore gutahura umugambi w'umwanzi, kandi ngo abashe kwanga kuyobywa no guteshurwa inzira. Umutwaro w'umurimo we ugomba kuba uw'uko ubugingo bw'abamwumva bwahinduka, kandi agomba kwirinda impaka no guhangana ahubwo akabwiriza abantu Ijambo ry'Imana. ...

Umurimo udasanzwe ndetse wo gushukana wa Satani wagiye uba uwo guteza amakimbirane kugira ngo abantu bahangane bapfa amagambo gusa mu buryo butagira icyo bubungura. Azi neza ko ibyo ari byo bizaba mu ntekerezo zabo kandi bikabamarira n'igihe. Ibyo bihagurutsa mu ntekerezo za benshi umwuka wo guhangana kandi uwo kwemera nawo ukazimywa, bikabashora mu bitekerezo binyuranye, mu kuregana n'urwikekwe maze ibyo bigakinga urugi rugana ku kuri.³³⁹

Gusengana n'Abamaze Gufata Icyemezo: Nimutyo abapasitoro n'abandi babwirizabutumwa bagire ibindi bihe byo gusenga bashimikiriye bari kumwe n'abakiriye ukuri. Muje mwibuka ko Kristo aba ari kumwe namwe ibihe byose. Uwiteka ahora yiteguye kubagaragariza ubuntu bwe, gukomeza no gutera umwete umukozi w'umunyakuri kandi wicisha bugufi.³⁴⁰

Fasha Abashobewe: Abantu benshi baza mu materaniro baba baruhijwe kandi baremerewe n'umutwaro w'icyaha. Bumva badatekanye mu kwizera kwabo mu by'idini. Hakwiriye rero gutangwa amahirwe kuri abo bahagaritse umutima kandi bakeneye ikiruhuko mu by'umwuka kugira ngo babone ubufasha. Nyuma y'ikibwirizwa, abifuza gukurikira Kristo bakwiriye kurarikirwa kugaragaza icyifuzo cyabo. Rarika abantu bose bumva batanyuzwe n'imyiteguro bafite yo gusanganira Kristo ugiye kugaruka, ndetse n'abandi bose bumva baruhijwe kandi baremerewe, kugira ngo bajye ukwabo ku ruhande. Nimusabe abantu b'umwuka baganire nabo, bafatanye nabo gusenga kandi babasabire. Nimutyo igihe kinini gikoreshwe mu gusenga no gucukumbura mu Ijambo ry'Imana. Nimureke abantu bose babone ibihamba nyakuri byo kwizera mu bugingo bwabo bwite binyuze mu kwiringira ko bazahabwa Mwuka Wera bitewe n'uko bafiterwose inzara n'inyota byo gukiranuka. Nimubigishe uko bakwiyegurira Imana, uko bakwizera, n'uko basaba gusohorezwa amasezerano yayo. Nimureke urukundo rw'Imana ruvugwe mu magambo akomeza no mu magambo yo gusabira abandi.³⁴¹

KUMENYANA N'ABANTU

Kubonana n'Abantu Igihe baje n'Igihe Batashye: Mu rwego rwo kuyobora neza amateraniro abera mu nkengero z'umujyi munini, ni ingenzi

³³⁹ *Review and Herald*, Sept. 11, 1888. [Urwibutso n'Integuza].

³⁴⁰ *Manuscript* 78, 1900.

³⁴¹ *Testimonies*, vol. 6, p. 63. (1900).

ko abakozi bose bagira ubufatanye. Bakwiriye kubumbatira umwuka w'amateraniro, bakamenyana n'abantu haba igihe baje n'igihe batashye, bakabereka urugwiro rwinshi n'ineza ndetse ko bafitiye impuhwe ubugingo bwabo. Abakozi bakwiriye kuba biteguye kuvugana n'abo bantu mu gihe cy'amateraniro ndetse na nyuma yaho bagambiriye kugarurira Kristo ubugingo bwabo. Mbega ukuntu byarushaho kuba byiza abakozi ba Kristo baramutse babaye maso nibura kimwe cya kabiri cy'ukuntu Satani ari maso! Satani ahora yoga runono abantu, ahora ari maso rwose, acunga uko yabatega imitego kugira ngo abarimbure.³⁴²

Inshingano y'Umubwirizabutumwa ku Muntu Witanze: Ni ingenzi ko abantu bose bafite umugambi wo gukora umurimo w'Imana bakwiriye kwiga uburyo bunoze cyane bwo gukora umurimo.... Neretswe ko umuhati mwinshi wagiye ukoreshwa hatanzwe byinshi kugira ngo ukuri kwamamazwe, utagiye utanga umusaruro ku rugero runini bitewe n'uko umurimo nyawo usabwa gukorwa utakozwe. Twamaze imyaka myinshi tugerageza kubwira abantu bacu akamaro ko kurushaho gukorana ubwenge. ...

Igihe umubwiriza ari ku ruhimbi abwiriza, icyo gihe umurimo uba uriho ukorwa. Niba byamushobokera, akoresheje umuhati we yari akwiriye kumenya buri wese mu bamuteze amatwi. Niba bafite ubwuzu cyane ku buryo bashaka kwitanga no kumva icyo ubabwira, ku ruhande rwawe ukwiriye gukora uko ushoboye ukubahiriza icyifuzo cyabo, ukabasanga ubwawe mugashyikirana

Satani n'abakozi be ni inkwakuzi kurusha abakozi bacu. Mu gihe ariho ategura ingamba acura n'imigambi, kandi atega imitego ye kugira ngo afate abantu batari maso, akenshi usanga bene Data bo bafata ibintu mu buryo bworoshye, kandi hafi y'igihe cyose Satani abatanga gufata ingamba. Iyaba ubu bari bazi umurimo Imana n'abamarayika bo mu ijuru bashishikariye, bajyaga kwegurira mu murimo w'Imana impagarike yabo yose, ubugingo, umubiri n'umwuka, aho kugaragaza urwiyerurutso ko bari gukora umurimo mu gihe nta na kimwe cya kabiri cyawo bakora

Ikibwirizwa gitangirwa ku ruhimbi ntigikwiriye kuba kirekire, kubera ko kitarambira abantu gusa, ahubwo gitwara umwanya w'umubwiriza kandi kikamumaramo imbaraga ku buryo aba atagishoboye gukora umurimo we wihariye uba ukwiriye gukurikiraho. Aba akwiriye gusura urugo ku rundi, kandi agakorana n'imiryango, akangurira intekerezo zabo kurangamira ukuri kw'iteka ryose kuri mu Ijambo ry'Imana. Umugabura nakora uyu murimo yiyoroheje mu mutima nk'uko Kristo yitwaraga, nta gushidikanya abamarayika b'Imana bazaza gukorana nawe mu muhati we. Nyamara twese dukabije kutizera kandi tugira ibitekerezo n'ingamba bigufi cyane.³⁴³

³⁴² *Testimonies*, vol. 6, p. 46. (1900). [Ibihamya]

³⁴³ *Manuscript* 14, 1887.

Mu itorero rye azamenyana n'ababyeyi n'abana, kandi azajya ababwira amagambo yuje ubugwaneza kandi yimbitse.³⁴⁴

Jya mu miryango: Sanga abantu ubegere; igihe cyose ubishoboye ujye mu miryango; witegereza ko abantu bazahaguruka ngo abe ari bo bishakira umushumba. Igirire icyizere kandi wiyumvemo ko ufite ubwishingizi bushingiye ku kwizera bugaragaza ko utiringiye ibitekerezo by'ibihimbano cyangwa imigani y'amanjwe, ahubwo ko ibyiringiro byawe bishingiye kuri "Uku ni ko Uwiteka avuga."³⁴⁵

Kumenyana n'abantu mu materaniro rusange: Igihe Kristo yabaga yigisha ari ku isi, yitegerezaga mu maso h'abamwumvaga, kandi indoro ikeye ndetse n'ubwuzu byahitaga bimubwira ko umuntu yemeye ukuri. Mu buryo nk'ubwo, abigisha bo muri iki gihe bakwiriye kwiga imvugo yo mu maso h'ababateze amatwi.

Igihe mu babateze amatwi babonyemo umuntu ugaragaza ko yanyuzwe n'inyigisho, bakwiriye gushaka uko babonana nawe mbere y'uko ava aho amateraniro abera, kandi niba bishoboka, bakwiriye kumenya aho ataha ndetse bakamusura. Iyo mikorere ni yo ifasha umugabura guhinduka umukozi utunganye. Ibyo bimubashisha kugaragaza agaciro k'umurimo we, agatanga igihamba gishyitse cy'umurimo yahamagariwe. Ubu kandi ni nabwo buryo bwo kugera ku bantu butanga umusaruro kurusha ubundi; kuko ni bwo buryo bwiza cyane bwo gufata intekerezo zabo.³⁴⁶

Kugirirwa icyizere Bitewe no Gusura Abantu mu Ngo: Hari imiryango myinshi itazigera igerwaho n'ukuri kw'Ijambo ry'Imana keretse gusa ibisonga byaragijwe ubuntu bwa Kristo butarondoreka nibyinjira mu ngo zabo, kandi bigakorana umurava, byejeje na Mwuka Wera, maze bigasenya insika, bityo bikinjira mu mitima y'abantu. Uko abantu bazajya babona ko abo bakozi ari intumwa zamamaza imbabazi, bakababona nk'abagabura b'ubutumwa bwerekeye ubuntu, ntibazatindiganya gutega amatwi amagambo bababwira. Ariko rero imitima y'abakora uyu murimo igomba komatana n'umutima wa Kristo kugira ngo itere kimwe. Bagomba kuba biyeguriye umurimo w'Imana batizigamye, bagahora biteguye gukora icyo Imana ibategetse cyose, bakaba biteguye kujya aho ibohereje hose, no kuvuga amagambo ibahaye. Kandi niba abo bantu bari uko Imana yifuza ko baba, niba bujijwe Umwuka wayo Wera, nta kabuza baba bakorana n'ingabo zo mu ijuru kandi baba ari "abakozi bakorana n'Imana."³⁴⁷

IBITABO N'IBIBWIRIZWA BICAPWE

Imikoreshereze Myiza y'Ibitabo:—Ukuri gukwiriye kwandikwa kugakwirakwizwa ahantu henshi hashoboka kuruta uko byagiye bikorwa kugeza ubu. Kugomba gusobanurirwa imbere y'abantu mu buryo

344 *Review and Herald*, Jan. 21, 1902. [Urwabutso n'Integuza].

345 *Letter* 8, 1895

346 *Historical Sketches*, pp. 147, 148. (1886)

347 *Letter* 95, 1896.

bwumvikana, no mu magambo atyaye. Ukuri kugomba kubwirwa abantu mu magambo magufi kandi atagibwaho impaka, ndetse hakwiye gufatwa ingamba z'uko mu materaniro yose aho ukuri kwashyizwe imbere y'abantu, ayo materaniro akwiriye gukurikirwa no gutanga impapuro n'udutabo birimo ubutumwa. Muri iki gihe wasanga ari ngombwa gutanga bene izo mpapuro n'udutabo, ariko kandi bizaba n'imbaraga izazana icyiza, ndetse nta cyo tuzaba dutakaje.

Amagambo avugiwe ku ruhimbi yarushaho gutanga umusaruro iyaba inyandiko zo gusoma zakwirakwizwaga, maze zikigisha amahame ya Bibiliya asaba gutega amatwi. Imana izatera abantu benshi ubushake bwo gusoma, ariko kandi hazabaho abandi benshi bazanga kureba cyangwa se kumva ikintu cyose cyerekeye ukuri kugenewe iki gihe. Nyamara, ntidukwiriye gutekereza ibyo ngo bitubuze ibyiringiro kuko Kristo ariho yireherezaho abantu benshi.... Mukwiriye kujya mbere mufite mu ntoki zanyu inyandiko zikwiriye muha abantu ngo bisomere, kandi urukundo rw'Imana rusabye mu mitima yanyu.³⁴⁸

Gukumira Ingaruka z'Abarwanya Ubutumwa:- Igihe ubutumwa buvuzwe, abantu bashobora gutega amatwi babyitayeho, ariko izo nyigisho ziba ari nshya kuri bo, kandi Satani aba arekerereje ngo yongorere intekerezo zabo ibintu byinshi bitari ukuri. Azashaka uko agoreka kandi aharabike amagambo yavuzwe n'umubwiriza. Mbese twakora iki?

Ibibwirizwa bivuga impamvu zo kwizera kwacu bikwiriye gucapwa³⁴⁹ ku mpapuro nto, kandi bigakwirakwiza ahanu henshi hashoboka. Nibiba bityo, ibinyoma n'inyigisho zigoretse umwanzu w'ukuri ahora agerageza gukwirakwiza byashyirwa ahagaragara muri kamere yabyo nyakuri, kandi abantu bagira amahirwe yo kumenya no gusobanukirwa icyo umubwiriza yavuze.³⁵⁰

Inshamakey'Ikibwirizwa Yanditswe:- Nimutyo incamakey'ibibwirizwa yandikwe maze icapwe ndetse ikwirakwizwe hirya no hino.³⁵¹

Udupapuro duto Dutanga Ubutumwa: Haramutse hashyizweho uburyo bwo gutanga ubutumwa mu gihe cy'amateraniro, bagacapa udupapuro duto dusakaza ubutumwa, hagacapwa amatangazo n'udupapuro two gutanga, ibyo bizagira icyo bihindura.³⁵²

Abantu Bake gusa ni bo Bagerwaho n'Ubutumwa Bwanditswe: Hari ibindi byinshi byagerwaho n'umubwiriza ukoresha akanwa abifatanyije no gukwirakwiza impapuro zanditsweho ubutumwa kuruta kubwiriza Ijambo

³⁴⁸ Letter 1, 1875

³⁴⁹ Ku bijyanye no gucapa ibibwirizwa, umukozi wese akwiriye kutabusanya n'inama yatanze na Komite y'Inteko Nkuru Rusange nk'uko ivugwa mu mwanzuro wemejwe kuwa 15 Ukuboza, 1941 ku bijyanye no gusigasira amagambo tuvugira mu ruhame. Uwo mwanzuro uravugaga uti: "Mbere y'uko bikwirakwizwa, ibibwirizwa byose bicapwe bigomba kubanza kwemezwa n'ubuyobozi bwa Konferanse y'aho uwabwirije ibyo bibwirizwa akorera, nk'uburyo bwo kubisigasira no kubirinda."

³⁵⁰ Review and Herald, Oct. 14, 1902. [Urwibutso n'Integuza]

³⁵¹ Manuscript 42, 1905.

³⁵² Testimonies, vol. 6, p. 36, (1900) [Ibiamya]

ry'Imana gusa nta nyandiko ziriherekeje. ... Hari abantu benshi batagerwaho ubwo buryo buramutse budakoreshejwe. Aha ni ho hari umurimo nyakuri w'ibwirizabutumwa, aho gukora no kwifashisha amikoro bishobora gutanga umusaruro utubutse.³⁵³

Imbaraga z'Amacapiro: Icapiro ni uburyo bufite ubushobozi bwo gukora ku ntekerezo n'imitima by'abantu. Ab'isi bafata icapiro maze amahirwe yose bafite bakayakoresha ku rwego ruhanitse kugira ngo bashyikirize abantu inyandiko n'ibitabo biroga intekerezo. Niba abantu bashorewe n'imbaraga z'umwuka w'ab'isi n'uwa Satani bashishikariye gukwirakwiza ibitabo, inyandiko z'ubushotoranyi, n'impapuro zanditsweho amakuru yangiza, mwari mukwiriye kurushaho gushishikarira kugira inyandiko zisomwa zizahura abantu kandi zikiza maze zigashyirwa imbere yabo.

Imana yashyize imbere y'ubwoko bwayo ibyiza bitangwa n'inyandiko zicapwe. Iyo zikomatanijwe n'indi miyoboro, zizagera ku ntego mu kumenyekanisha ukuri hirya no hino. Inyandiko ngufi zitanga ubutumwa, impapuro ndetse n'ibitabo bikwiriye gukwirakwizwa mu mijyi n'imidugudu yose mu gihugu igihe bikenewe.³⁵⁴

Ukuri Guhabwe Amababa: Hakenewe cyane abantu bashobora gukoresha ibitangazamakuru neza, kugira ngo ukuri guhabwe amababa yo kugusakaza mu mahanga yose, n'indimi zose n'amoko yose.³⁵⁵

Ibitabo n'Izindi Nyandiko: Nubwo umugabura yabwiriza ubutumwa akiranutse, ntabwo abantu baba bashoboye kubufata mu mutwe uko bwakabaye. Kubw'ibyo rero, ibitabo n'izindi nyandiko ni ingenzi, hatagamijwe kubakangurira akamaro k'ukuri kwagenewe ab'iki gihe gusa, ahubwo hanagamijwe kubafasha ngo bashore imizi kandi bashikame mu kuri, kandi bakomere babashe guhangana n'inyigisho z'ibinyoma. Ibitabo n'izindi nyandiko ni uburyo Imana yashyizeho kugira ngo ubutumwa bwagenewe abo muri iki gihe buhore imbere y'abantu. Mu murimo wo kumurikira abantu no gutuma bashikama mu kuri, inyandiko zicapwe zizakora umurimo ukomeye cyane kurenza uwakorwa no kubwiriza Ijambo ry'Imana mu magambo gusa. Intumwa za bucece zashyizwe mu ngo z'abantu binyuze mu murimo w'umubwiririshabutumwa ibitabo, zizakomeza umurimo w'ibwirizabutumwa bwiza mu buryo bwose; kuko Mwuka Wera azemeza imitima y'abantu igihe bazaba basoma ibyo bitabo, nk'uko yemeza imitima y'ababa bateze amatwi igihe Ijambo ry'Imana ribwirizwa. Umurimo abamarayika bakora nk'uko Mwuka Wera agenza bashyigikira umurimo w'ibitabo bikubiyemo ukuri, ni nk'uwo bakora bashyigikira umurimo w'ivugabutumwa usanzwe.³⁵⁶

353 *Life Sketches*, p. 217. (1915).

354 *Life Sketches*, pp. 216, 217. (1915).

355 *Gospel Workers*, p. 25. (1915).

356 *Testimonies*, vol. 6, pp. 315, 316. (1900). [Ibihamya]

IKIGANIRO MPAKA

Si kenshi Imana Ihabwa Ikuzo:-Rimwe na rimwe, haba ubwo biba ngombwa guhurira mu kiganiro n'umwirasi uhinyura ukuri kw'Imana mukajya impaka ku mugaragaro; ariko izo mpaka, zaba mu magambo cyangwa se mu nyandiko, muri rusange zose ziteza ingorane kuruta uko zizana icyiza.³⁵⁷

Iteka impaka ntizishobora kwirindwa....Abantu bakunda kubona impande ebyiri zivuguruzanya zijya impaka za ngo turwane bashobora gusakuza basaba ko haba ikiganiro mpaka. Nyamara abandi bifuzaga gutega amatwi ibihamya bitangwa n'impande zombi, bashobora gusaba ko habaho ikiganiro bafite impamvu zirimo ubupfura; ariko kandi igihe cyose impaka zishobora kwirindwa, kuri bo bahitamo kwibera kuri urwo ruhande. . . . Muri ubwo bushyamirane, si kenshi Imana ihabwa ikuzo cyangwa ngo ukuri kwayo kwamamare.³⁵⁸

Rimwe na rimwe abarwanya ukuri bagomba kuvuguruzwa: -Hari ibihe biba ngombwa aho kugoreka ukuri kwabo mu buryo bugaragara bizasaba kubavuguruzwa. Igihe bimeze bityo, byagombye gukorwa vuba vuba kandi mu magambo make, bityo tukikomereza tukajya ku murimo wacu.³⁵⁹

Guhangana n'agasuzuguro ariko udasuzuguye:-Mu murimo wo kuvuga ukuri kutamenyerewe, bisaba ko umuntu yikorera umusaraba uremereye, ababwiriza bakwiriye kwigengesera kugira ngo ijamba ryose bavuze rivugwe nk'uko Imana ubwayo yarivugaga. Ntibakwiriye kuvuga amagambo akomeretsa. Bakwiriye kugaragaza ukuri bicishije bugufi, bafite urukundo rwimbitse bakunda ubugingo bw'abantu, kandi bafite akayihayeho k'uko bakwakira agakiza. Nibareke ukuri abe ari ko kwikomerekereza abantu. Ntibakwiriye gusuzugura abagabura b'ayandi matorero n'amadini, ngo bashake gusembura impaka. Ntibakwiriye guhagarara mu mwanya nk'uwa Goliyati igihe yasuzuguraga ingabo za Isirayeli. Abisirayeli ntibasuzuguye Goliyati, ahubwo Goliyati ni we wagaragaje ubwirasi n'agasuzuguro asuzuguye Imana n'ubwoko bwayo. Agasuzuguro, ubwirasi no gukwenza bikwiriye guturuka mu barwanya ukuri, bakora nka Goliyati. Ariko, uyu mwuka ntukwiriye na gato kugaragara mu bakozi Imana yatumye kujya kwamamaza ubutumwa bw'imbuze buheruka abubwira isi yaciriweho iteka. ...

Nk'uko byagenze kuri Dawidi, nibagezwa mu birindiro aho umurimo w'Imana ubasaba rwose guhangana n'umuntu usuzugura ubwoko bw'Imana, kandi nibajya mbere bisunze imbaraga z'Imana, ari yo bishingikirijeho batizigamye, Imana izabashyigikira, kandi itume ukuri kwayo kubona intsinzi ihebuje. Kristo yaduyahe urugero. "Nyamara

³⁵⁷ *Testimonies*, vol. 3, pp. 213, (1872). [Ibihamya].

³⁵⁸ *Testimonies*, vol. 3, p. 424. (1875).

³⁵⁹ *Testimonies*, vol. 3, p. 37. (1872). [Ibihamya].

Mikayeli, ni we marayika ukomeye, ubwo yatonganaga na Satani, agira impaka na we intumbi ya Mose, ntiyahangaye kumucira urubanza amuvuma, ahubwo yaramubwiye ati 'Umwami Imana iguhane.' Yuda 9.³⁶⁰

Umwuka w'Impaka Ushinga Urufatiro Rudakomeye: Umwuka w'impaka n'amakimbirane ni igikoresho Satani yifashisha kugira ngo ateze intambara, bityo ahishe ukuri ngo kutagaragara nk'uko kuri muri Kristo. Uko ni ko abantu benshi bagiye bakumirwa ntibabe iminyago ya Kristo. ...

Umwuka wo guhangana wahawe intebe. Abantu benshi bihambira gusa ku ngingo z'amahame mu gihe kamere y'ubutungane nyakuri no kubaha Imana bigaragarira mu bikorwa bihabwa agaciro gake. Yesu Kristo, urukundo rwe, ubuntu bwe, kwiya kwe no kwitanga kwe, kwiyorosha ndetse no kwihangana kwe, ntibibwirwa abantu nk'uko byagombye kuba. Nk'uko indiririzi zigenza, ibinyoma biri ahantu hose byamaze gucengeza mu kuri uburozi bwabyo bwica, kandi ibinyoma byamaze kwisanisha n'ukuri mu ntekerezo za benshi. Abantu benshi bemera ukuri bakwigisha mu mwuka ukakaye utarangwamo amarangamutima. Abantu bahabwa ishusho ipfuye yerekeye ukuri, bityo ntikugire icyo gukora ku bantu bafite imitima itorohejwe kandi ngo yigarurirwe na Mwuka Wera ...

Ni iby'igikundiro ko abantu bose basobanukirwa kandi bakanyurwa n'ukuri. Kubw'ibyo rero, ni iby'agaciro gakomeye ko imbuto z'Ijambo zigwa mu butaka bwatunganyirijwe kuzakira. Ikibazo buri wese akwiriye kwibaza ni iki ngo: 'Ni buryo ki twabiba imbuto nziza z'ukuri ku buryo zidashobora kuzimira, ahubwo zikamera kandi zigatanga umusaruro, kugira ngo imiba izabashe gushyikirizwa Databuja?'³⁶¹

Akaga Gaterwa no Gutwarwa no Gufata icyemezo Gihubukiwe: Iyo abanyuzwe n'ubutumwa barushaho kwiyongera, maze abantu bagatera intambwe bitanga ari uko basobanukiwe bidaturutse ku mbaraga ibakoresha badatekereje, ahubwo babitewe n'ihame ry'ukuri, uko kwitanga kwabo kuba kurushijeho kuba kuzima kandi kukaramba kurenza uko bigenda igihe habayeho gahunda zitwara abantu cyane no kureshya abantu mu buryo buhutiyeho, bityo amarangamutima y'abantu agakangurwa kandi no kumva ikiganiro mpaka, no kuvuguruzanya bikomeye kw'impande zombi, aho uruhande rumwe ruba rurwanirira ukuri naho urundi rugusenya. Uko ni ko habaho guhangana gukomeye, abantu bagahitamo uruhande bahagararamo, kandi bagafata icyemezo bihutiyeho. Umusaruro uvamo ni uko usanga ibintu byashyushye. Gutekereza umuntu atuje no gushyira mu gaciro bikabura. Nimutyo uko gushyushya imitwe kuveho, nibitaba bityo hazagira igikorwa biturutse ku kutita kuri iki kibazo, bityo ubwuzu abantu bari bafitiye ukuri bushire ubutazongera kugaruka. Amarangamutima n'ubwuzu by'abantu byarakanguwe, nyamara umutimanama wabo ntiwatsinzwe kandi imitima yabo ntiyashengutse ndetse ngo icishirizwe bugufi imbere y'Imana.³⁶²

360 Testimonies, vol. 3, pp. 218 - 220. (1876). [Ibihamya].

361 Review and Herald, Feb. 9, 1892. [Urwibutso n'Integuza].

362 Testimonies, vol. 3, p. 218. (1872). [Ibihamya]

Kwigisha Ukuri Abantu Babogamye: Abagabura bakorera Imana ntibakwiriye kubona ko kuja mu biganiro mpaka ari amahirwe akomeye. Ingingo zose zigize kwizera kwacu ntizigomba gushyirwa imbere y'inteko y'abantu bafite imyumvire ibogamye. ... Dukwiriye kubanza gutinda ku kuri duhuriyeho, bityo abatwumva bakatugirira icyizere.³⁶³

Mu Kiganiro Mpaka Duhuriramo na Satani: Abagabura bajya impaka n'abarwanya ukuri kw'Imana, ntibahangana n'abantu buntu, ahubwo baba bahanganye na Satani n'ingabo z'abadayimoni. Satani ahora ari maso kugira ngo abone urwaho ku bagabura bamamaza ukuri, kandi igihe abo bagabura baretse kwiringira Imana batizigamye bityo amagambo yabo ntabe arangwa n'umwuka n'urukundo bya Kristo, abamarayika b'Imana ntibashobora kubongera imbaraga no kubamurikira. Barabareka bagakoresha imbaraga zabo bwite, bityo abadayimoni bagacengeza umwijima wabo. Kubera iyi mpamvu, rimwe na rimwe abarwanya ukuri basa n'ababyungukiyemo bityo cya kiganiro mpaka kigateza akaga gakomeye kurusha ibyiza bikivamo.³⁶⁴

Igihe Kwirinda Ikiganiro Mpaka Bidashoboka: Igihe cyose bibaye ngombwa kugira ngo umurimo wo kumenyesha abantu ukuri no kwereza ikuzo ry'Imana uje mbere, mbega uburyo abarwanirira ukuri bakwiriye kuja muri urwo rugamba bigengesereye kugira ngo bahangane n'abakurwanya! Bakwiriye kwinginga Imana n'umutima wabo wose, bakicuza ibyaha kandi bagasenga bashyizeho umwete, ndetse bagafata igihe runaka bakiyiriza ubusa, bagasaba Imana ngo ibafashe, kandi itume ukuri kwayo gukiza kw'igiciro cyinshi kubona intsinzi ikomeye, kugira ngo ikinyoma kigaragare mu bubi bwacyo nyakuri, kandi abakirwanirira bakorwe n'isoni bidashoboraho....

Ntimukwiriye na rimwe kuja mu kiganirompaka, ahashobora gushyira ibintu byinshi mu kaga, aho mwajya mwishingikirije ku bushobozi bwanyu bwo guhangana n'ibitekerezo bikomeye. Niba izo mpaka zidashobora kwirindwa rwose, ariko rero murujyemo mwiringiye Imana mutajenjetse, mufite umwuka wo kwicisha bugufi, ari wo mwuka wa Yesu wabasabye kumwigiraho, kuko ari umugwaneza kandi yoroheje mu mutima.³⁶⁵

Shyira Ukuri Ahagaragara: Uburyo burushijeho kuba bwiza bwo guhangana n'ikinyoma, ni ugushyira ukuri ahagaragara, maze ukareka ibitekerezo bidafite ireme bigakendera kubwo kubura ababyitaho. Iyo ikinyoma gishyizwe ku ruhande rumwe maze ukuri nako kugashyirwa ku rundi, intege nke zacyo zigaragarira umuntu wese ufite ubwenge. Uko ingingo z'ubuyobe abarwanya ukuri bavuga ndetse n'abaduka muri twe kugira ngo bayobye abantu zirushaho gusubirwamo, ni ko uruhande rw'ikinyoma rurushaho kugwiza amaboko. Uko ibitekerezo n'imigambi ya Satani birushaho gutangazwa, ni ko icyubahiro cyekirushaho kwerezewa.³⁶⁶

363 *Testimonies*, vol. 3, p. 426. (1875). [Ibihamya].

364 *Testimonies*, vol. 3, pp. 220, 221. (1872). [Ibihamya]

365 *Testimonies*, vol. 1, p. 624, 626. (1867). [Ibihamya].

366 *Testimonies to Ministers*, p. 165. (1892)

Koresha Ingingo Nzima kandi Zumvikana Gusa: Ikintu cy'ingenzi tugomba kuzirikana ni uko igihe turenge amahame dufata ko ari yo nshingiro ry'ukwizera kwacu, ntidukwiriye na rimwe gutinyuka gukoresha ingingo zirimo ubupfapfa. Bene izo ngingo zishobora gucecekesha umuntu urwanya ukuri, ariko ntizubahishe ukuri. Dukwiriye kuvuga ingingo nzima kandi zumvikana kuko zitazacecekesha abarwanya ukuri tuvuga gusa, ahubwo nizasuzumwa cyane ndetse zigasesengurwa zizabasha gutsinda.

Ku bantu bimenyereje gukora ibiganirompaka, hari akaga gakomeye k'uko batazafata Ijambo ry'Imana nk'uko bikwiriye. Mu gihe cyo kujya impaka n'umuntu urwanya ukuri, dukwiriye gukorana umwete wose tugashyira ahagaragara ingingo zivuga ukuri mu buryo buzatuma habaho gukangurira intekerezo gutsindwa, aho gushaka uko utera abizera ishema gusa.³⁶⁷

Iyambure Intwari nk'iz'Umurwanyi w'Isi: Abantu batwaye ubutumwa bwera bwahawe iyi si yacu bagomba kwiambura intwari nk'iz'abarwanyi b'isi, maze bakambara intwari yo gukiranuka kwa Kristo. Ntidukwiriye gukora mu mbaraga zacu ubwacu zigira aho zigarukira, kuko iyo bigenze bityo abamarayika b'Imana bakuramo akabo karengye maze bakadusiga twenyine ngo dukomeze urugamba. Ni ryari abagabura bacu bazigira kuri Yesu ? Imyiteguro tugira yo guhangana n'abarwanya ukuri cyangwa kubwiriza abantu ijambo ry'Imana igomba guturuka ku Mana iganje ku ntebe y'imbabazi mu ijuru. Aha rero, iyo twakiriye ubuntu bw'Imana, tubona kandi tukamenya ko ntacyo dushoboye. icyubahiro n'ikuzo bya Kristo ni byo mbaraga zacu. Mwuka Wera atuyobora mu kuri kose. Mwuka Wera afata iby'Imana akabitwereka, akabidushyiramo nk'imbaraga ibeshaho yinjira mu mutima wumvira. Ubwo rero duherako tukagira ukwizera gukoreshwa n'urukundo kandi kweza ubugingo, ukwizera gufite ishusho itunganye y'uwaguhanze.³⁶⁸

IGICE CYA 7

UBUTUMWA N'UBURYO BUBWIRIZWA

UMWUKA UBUTUMWA BUBWIRIZANYWA N'UBURYO BIKORWA

Akamaro k'Uburyo bwo Kubwiriza Ukuri: Akenshi usanga uburyo ukuri kubwirizwamo bufite byinshi bikora mu kugena niba buzemerwa cyangwa bukazangwa.³⁶⁹

Biteye agahinda kubona hari abantu benshi batazi ko uburyo ukuri kwa Bibiliya kwigishwamo bifite uruhare runini ku mpinduka ziba mu bwenge bw'abantu, kandi bikagira uruhare ku mico ya Gikristo abantu bakiriye ukuri bagira nyuma yaho. Aho kugira ngo [ababwiriza] bigane uburyo Kristo yakoraga umurimo, abenshi muri bo barikakaza, abandi bagahinyura, cyangwa se bagakoresha igitugu. Birukana abantu mu cyimbo cyo kubazana kuri Kristo. Abakora batyo ntibazigera bamenya umubare w'abanyanteye nke bakomerekejwe kandi bagacibwa intege n'amagambo yabo akakaye.³⁷⁰

Ubutumwa Bukangaranya: Ubutumwa bwinshi bukungaranya buzavugwa n'abantu bashyizweho n'Imana. Buzaba ari ubutumbwa buburira abantu, kandi bubakangura. Kandi nubwo bamwe bazakangurwa n'imiburo maze bikabatera kwanga umucyo n'ibihamya bahabwa, ibyo bizatugaragariza ko dutanga ubutumwa bugenewe iki gihe kandi bushyira abantu ku gipimo. ... Mu mijyi yacu naho dukwiriye kugiramo ababwirizabutumwa bejejwe bazajya bavuga ubutumwa bashize amanga mu buryo butangaza ababutega amatwi.³⁷¹

Kudashidikanya n'Icyemezo Gihamye: Mu kuri hari imbaraga ibeshaho, kandi Mwuka Wera ni umukozi ukingira intekerezo z'abantu maze ukuri kukinjira. Ariko abagabura n'abandi bakozi bamamaza ukuri bagomba kwerekana kudashidikanya n'icyemezo gihamye. Bakwiriye kujya mbere bafite kwizera, maze bakabwiriza Ijambo ry'Imana nk'abaryizera

³⁶⁹ Testimonies, Vol. 4, p. 404, 405. (1880). [Ibihamya]

³⁷⁰ Historical Sketches, p. 121. (1886).

³⁷¹ Testimonies, vol. 9, p. 137. (1909). [Ibihamya]

koko. Gerageza gutuma abo ubwiriza basobanukirwa ko ubutumwa ubabwiriza ari ukuri kw'Imana. Bwiriza abantu Yesu Kristo wabambwe. Ibi bizahangana n'ibinyoma bya Satani.³⁷²

Ijambo ry'Imana Ihoraho: Niba uburyo ukoresha mu kubwiriza abantu ukuri ari uburyo bwemewe n'Imana, abaguteze amatwi bazacengerwa rwose n'ukuri ubwiriza. Bazatsindwa, maze bemere rwose ko ari ijambo ry'Imana ihoraho, kandi uzasohoz ubushake bw'Imana ufite imbaraga.³⁷³

Ibitekerezo Byagutse Biri mu Kuri kw'Ibyanditswe Byera: Ntabwo ari wowe wivuga, ariko kubaho n'agaciro by'ukuri biragutse cyane, bigera kure cyane, kandi birimbitse cyane ku buryo bituma abantu bazibukira inariye . . . Bwiriza ubutumwa kugira ngo abantu bashobore gufata ibitekerezo byagutse maze bajambure ubutunzi bw'agaciro kenshi buhishwe mu Byanditswe Byera.³⁷⁴

Amateraniro Agaragarizwamo Ibikorwa Byimbitse by'Umwuka Wera: Mu materaniro yacu abera mu mijyi ndetse no mu materaniro yacu makuru, ntidusaba ko habaho kwiyerekana mu buryo bukomeye, ahubwo turasaba ko abantu bahagarara imbere y'abandi kugira ngo bigishe ukuri bakwiriye kuba batuje, bakomeje ndetse badatera urwenya, kandi ubareba agahishurirwa ko Imana iri kumwe nabo. Hakwiriye kubaho gusenga Imana mu buryo bwihariye, kugira ngo umurimo w'amateraniro ubashe gukomeza gukorwa ushorewe n'imbaraga z'Umwuka Wera. Ntiha kwiriye kubaho uruvange rw'ibinyoma n'ukuri.³⁷⁵

Gukora Cyane n'Ishyaka:-Dukeneye guhindura uburyo bugenda umujy umwe dukoresha mu by'iyobokamana. Dukora umurimo mu isi, ariko ntidukora cyane kandi ngo twerekane ishyaka. Iyaba twarushagaho kudakebakeba mu mikorere, abantu benshi batsindwa n'ukuri k'ubutumwa tubwiriza. Kuba umurimo dukorera Imana utarangwamo umwuka n'imbaraga cyangwa ugahora ugenda umujy umwe byirukana abantu benshi bari biteze kutubonamo ishyaka ryimbitse, ridakebakeba kandi ryejejwe. Idini yemewe n'amategeko ntizasubiza ibibazo biriho muri iki gihe. Dushobora gukora ibikorwa byose bigaragara inyuma bya gahunda [y'umurimo] ariko ntiturangwemo imbaraga ikangura y'Umwuka Wera nk'uko ya misozi y'i Gelibowa yari yarakakaye itagira ikime n'imvura. Dukeneye ikime cy'iby'Umwuka n'imirasire irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka kugira ngo byoroshye kandi byigarurire imitima yacu.³⁷⁶

Gutekereza mu Buryo Butuje kandi Burimo Ubushishozi: Ntabwo gutwarwa no gushitira abantu ari byo dushaka ko bibaho, ahubwo dushaka ko habaho gutekereza byimbitse kandi tudakebakeba, kugira ngo abumva bazakore umurimo ukomeye, umurimo ufatika kandi nyakuri, umurimo

372 Letter 34, 1896.

373 Letter 48, 1902.

374 Manuscript 7, 1894.

375 Review and Herald, July 23, 1908. [Urwibutso n'Integuza].

376 Review and Herald, May 26, 1903 [Urwibutso n'Integuza].

muzima, umurimo uzarama by'iteka ryose. Ntabwo dusonzeye gushitura abantu, cyangwa gutwarwa n'amarangamutima; ibyiza ni uko turushaho kutarangwa n'ibyo. Gutekerezwa ku Byanditswe Byera utuje kandi ufite ubushishozi ni iby'agaciro kandi bitanga umusaruro. Ibanga ryo kugera ku ntsinzi riri mu kubwiriza Umukiza muzima kandi wawe bwite, ukabikora mu buryo bworoheje kandi budakebakeba kugira ngo kubwo kwizera abantu babashe kwakira imbaraga y'Ijambo ry'ubugingo.³⁷⁷

Tanga Ibihamya by'Ukuri: Ntabwo wakwitega ko abantu barahita babona uburyo ukuri gutsinda ikinyoma bimitse. Uburyo bwiza bwo kugaragaza ikinyoma ni ugutanga ibihamya by'ukuri. Uku ni ko gucyaha gukomeye cyane kwakorerwa ikinyoma n'ubuyobe. Tamurura igicu cy'umwijima kibudikiye intekerezo z'abantu ukoresheje kumurika umucyo urabagirana wa Zuba ryo Gugikiranuka.³⁷⁸

Tuma Abantu Bakugirira icyizere: Abantu bakorera Kristo, baba ari abagore cyangwa se abagabo, bakwiriye kurangwa n'ubushishozi bwimbitse kugira ngo bitere abantu batashoboye gusobanukirwa n'amahame bigishije kububaha, no kubafata nk'abantu batarangwa n'ubwaka cyangwa guhubuka. Inyigisho zabo, imyitwarire yabo n'ibiganiro byabo bikwiriye kurangwa n'umwuka watera abantu kwanzura ko abo bagabura b'ubutumwa bwiza ari abantu bafite ibitekerezo bizima, bafite imico ihamye, abantu bubaha kandi bakunda Se wo mu ijuru. Bakwiriye gutuma abantu babagirira icyizere kugira ngo abantu batega amatwi ikibwirizwa bamenye ko abo babwirizabutumwa batazanye imigani mihimbano irimo uburyarya, ahubwo ko amagambo bavuga ari amagambo afite agaciro, akaba ari ubuhamya busaba gutekerezwa no guhuguka. Nimureke abantu bababone mwerereza Yesu, naho inariye ihishwe kure.³⁷⁹

Imitekerereze Miremire, Yajambuye Cyane kandi Igoye Gusobanukirwa Si Ngombwa: Si kenshi Kristo yageragezaga kwemeza abantu ko ukuri ari ukuri. Yerekanaga ingero zisobanura ukuri mu bikugize byose, noneho akareka abamuteze amatwi bakagira umudendeko wo kwihitiramo bakaba bakwemera cyangwa bakakwanga. Ntiyigize agira umuntu ahatira kwizera. Mu kibwirizwa cyo ku musozi yigishije abantu kubaha Imana mu buryo bufatika, abagaragariza neza inshingano yabo. Yavugaga mu buryo bwatumaga ukuri gucengera mu mutimanama. Imbaraga abigishwa bagaragaje yahishuriwe mu buryo butomoye kandi bushize amanga bakorehaga bavuga ukuri.

Mu myigishirize ya Kristo ntihabagamo imitekerereze miremire, yajambuye cyane kandi igoye gusobanukirwa. Yahitaga arasa ku ntego. Mu murimo we yasomaga ibiri mu mutima w'umuntu wese nk'usoma igitabo kibumbuwe, maze agakora mu nzu y'ububiko bwe budashira, agakuramo ibintu bishyashya ndetse n'ibimaze igihe kirekire byo gusobanura neza no

³⁷⁷ Letter 102, 1894.

³⁷⁸ Pacific Union Recorder, Oct. 23, 1902.

³⁷⁹ Review and Herald, April 26, 1892 [Urwibutso n'Integuza].

gushimangira inyigisho ze. Inyigisho ze zakoraga ku mutima maze zigakangura ubwuzu.³⁸⁰

Inyigisho y'Amahame Yoroheje, Ariko Irimo Imbaraga: Amagambo make afite imbaraga avuga ku ngingo zimwe z'amahame azayashimangira mu ntekerezo kuruta uko amagambo menshi cyane yavugwa nyamara nta kintu gisobanutse kandi cyumvikana kirimo cyajyaga gufasha ubwenge bw'abatazi ibyo twizera. Ubuhanuzi bwari bukwiriye kwigishwa buvungwa n'amasomo afatika yo mu nyigisho za Kristo.³⁸¹

Imana Izatanga Amagambo Akwiriye: Mbega amahirwe atangaje yo gukora umurimo ugamiye guhindura ubugingo! Umuhamagaro wacu urakomeye... Kugira ngo Imana idutegurire gukora uwo murimo neza, izatwongerera imbaraga mu bwenge nk'uko yabikoreye Daniyeli. Uko tuzaba twigisha abantu bari mu mwijima kugira ngo basobanukirwe n'ukuri kwatumurikiye, Imana izatwigisha uburyo tubasha kurushaho kugusobanukirwa neza n'uko kuri. Izaduha amagambo akwiriye tugomba kuvuga, ivugane natwe ibinyujije kuri marayika uhagarara iruhande rwacu.³⁸²

Guhangana Guke - Ibya Kristo Byinshi: Dukeneye guhangana guke cyane, ahubwo tukavuga ibya Yesu kenshi cyane. Umucunguzi wacu ni we shingiro ryo kwizera kwacu kose n'ibyiringiro byacu. Abantu bashobora kwerekana urukundo rwe rutagira akagero, kandi bagakangurira imitima y'abantu kumwiyegurira no kumukunda urukundo ruhebuje, baba bakora umurimo ukomeye kandi wera.³⁸³

Ibibwirizwa byinshi birimo gutanga ingingo nyinshi ushimangira ibyo uvuga si kenshi byoroshya imitima y'abantu kandi ngo biyigarurire.³⁸⁴

Ntukavugane Ubukana: Abantu bafite inshingano yo kuvuganira ukuri bashobora kuba abanyakuri kandi banezerewe. Ibi ntibikeneye ko umuntu avangamo ibye. Si ibyawo gukoresha Umwuka Wera, ahubwo Umwuka Wera ni we ugomba kugukoresha... .

Uramenye Ntuzigere Uvugana Ubukana. Turashaka ko Umwuka Wera atubera ubuzima ndetse n'ijwi. Ururimi rwacu rukwiriye kuba nk'ikaramu y'umwanditsi uhora yiteguye kwandika, kubera ko Umwuka w'Imana aba avugira mu muntu. Igihe ukoresheje ubwo bukana no gutontoma, ni ibyo uba wishyizemo ubwawe. Nyamara ntidukeneye bene urwo ruvagitirane.³⁸⁵

Irinde Gushotora Ubutegets: Ntabwo umurimo wacu ari uwo kwibasira Leta ahubwo ni uwo gutegura abantu ngo bazabashe guhagarara mu munsu ukomeye w'Uwiteka. Uko tuzajya tugabanya imvugo isesereza abatware n'ubutegets, ni ko tuzarushaho gukorera Imana umurimo ...

380 Manuscript 24, 1891.

381 Letter 48, 1886.

382 Manuscript 126, 1902.

383 Colporteur Evangelist, p. 60,61 (1902).

384 Letter 15, 1892.

385 Manuscript 7, 1894.

Nubwo ukuri kugomba gushyigikirwa, uyu murimo ugomba gukoranwa umwuka wa Yesu. Niba ubwoko bw'Imana bukora budafite amahoro n'urukundo, buba bukorera mu gihombo gikabije kidashobora kurihwa. Abantu batandukanywa na Kristo na nyuma y'uko baba baramaze komatana n'umurimo wayo.

Ntidukwiriye gucira urubanza abantu batigeze bagira ibihe byiza n'amahirwe nk'ibyo twagize. Bamwe muri abo bantu bazajya mu ijuru, ndetse batangeyo ababonye umucyo mwinshi ariko ntibabeho bakurikije uwo mucyo.

Niba dushaka kwemeza abatizera ko dufite ukuri kweza ubugingo kandi kugahindura imico, ntitugomba kubashinja ubuyobe n'amakosa tuvugana ubukana. Iyo tubigenje dutyo, tubatera kwanzura ko ukuri kutaduhindura abagwaneza kandi barangwa n'urugwiro, ko ahubwo gutuma tubura ikinyabupfura.

Abantu bamwe batwarwa mu buryo bworoshye, bahora biteguye kwegura intwari z'urugamba. Mu gihe cy'ibigeragezo, bazagaragaza ko ukwizera kwabo kutubatswe ku rutare rukomeye...

Nimureke Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi be kugira icyo bakora kizatuma abantu babona ko ari ibyigomeke n'abatumvira. Nimutyoburi Abadiventisiti bakure guhuzagurika kose mu buzima bwabo. Umurimo wacu ni uwo kwamamaza ukuri, maze ibisigaye tukabiharira Uwiteka.

Kora uko ushoboye kose umurikishirize abandi umucyo, ariko ntukavuge amagambo azarakaza abandi cyangwa akabasembura.³⁸⁶

Kubwirizanya Ukuri Ubukana.-Mu bihe byashize wabwirizanyaga ukuri ubukana, ukagukoresha nk'ikiboko cyo gukubitisha abantu. Ubwo buryo ntibwahesheje Imana icyubahiro. Wahaye abantu ubutunzi bwinshi bw'Ijambo ry'Imana, ariko uburyo wakoresheje bwabaciraga urubanza bituma batera umugongo ubwo butunzi. Ntabwo wigishije ukuri nk'uko Kristo yakwigishaga. Uburyo ukoresha [wigisha ukuri] bwangiza imbaraga ihindura gufite. ...Umutima wawe ukeneye kuzuzwa ubuntu bwa Kristo buhindura.³⁸⁷

Bwiriza Ukuri Wuzuye Ubugwaneza: Nimutyoburi mubwirizabutumwa wese yige gukweta inkweto z'ubutumwa bwiza. Uwambaye inkweto z'umwiteguro w'ubutumwa bw'amahoro azajya agenda nk'uko Kristo yagendaga. Azashobora kuvuga amagambo akwiriye kandi ayavugane umwuka w'urukundo. Ntabwo azagerageza gucengeza mu bantu ku ngufu ubutumwa bw'ukuri Imana yamuhaye. Ahubwo azakorana ubugwaneza mu kwegera umutima wa buri wese, azirikana ko Mwuka Wera ari we uzacengeza ukuri mu mitima y'abiteguye kwakira ibyo Imana ivuga. Mu

³⁸⁶ Manuscript 117a, 1901.

³⁸⁷ Letter, 164, 1902.

mikorere ye ntabwo azigera agaragaza ubukana. Ijambo ryose azavuga rizaba rifite imbaraga yoroshya imitima kandi ikayigarurira ...

Igihe tuvuga amagambo yo gucyaha cyangwa umuburo, nimutyo uko bishobotse kose ijwi ryacu rirangwemo ubugwaneza bwa Kristo n'urukundo rwe. Uko umugabura arushaho kuba mu rwego rwo hejuru, ni ko agomba kurushaho kwigengesera mu magambo avuga n'ibikorwa bye.³⁸⁸

Shaka Gukiza Abantu aho Kubaciraho Iteka: Abafite imitima yomatanye n'uwa Kristo, Rukundo rutarondoreka, bazashaka uko bakiza abantu, ntabwo bazabaciraho iteka. Kristo utuye mu bugingo ni isoko idakama. Aho Kristo atuye hahora ineza nyinshi³⁸⁹...

IKIBWIRIZWA CYAMAMAZA UBUTUMWA BWIZA

Ijambo Ryoroshye: Imvugo Yumvikana: Uwiteka yifuza ko mwiga uburyo bwo kurobesha urushundura rw'ubutumwa bwiza. Abantu benshi bakeneye kwiga uyu mwuga. Kugira ngo ugere ku ntego mu murimo wawe, injishi z'urushundura rwawe (ari zo gukurikiza Ibyanditswe Byera) zigomba kuba zifunze neza, kandi ubusobanuro bw'ibyo uvuga bukwikana mu buryo bworoshye. Noneho rero, kora uko ushoboye ukurure benshi binjire mu rushundura. Ujye urasa ku ntego kandi ingero utanga zibe zisobanura ubwazo. Uko umuntu yaba afite ubwenge buhanitse kose, ntacyo bwaba bumaze igihe cyose adashobora kubugeza ku bandi. Reka uko ijwi ryawe risohoka, ryimbitsemo amarangamutima, ribashe gukabakaba ku mitima y'abantu. Kangurira abigishwa bawe kwiye gurira Imana. ...

Kora ku buryo ubusobanuro utanga bwumvikana; kuko nzi neza ko hari abantu benshi badasobanukirwa byinshi mu byo babwirwa. Reka Mwuka Wera agorore kandi atunganye ijambo wateguye, aryezemo inkamba zose. Vuga nk'ubwira abana bato, wibuka ko hari benshi bafite imyaka myinshi y'ubukuru ariko akaba ari abana bato mu gusobanukirwa.

Kubwo gusengana umwete no kugira umuhati udacogora, tubona imbaraga zitubashisha kuvuga. Izi mbaraga zikubiyemo gusohora ijambo ryose mu buryo bwumvikana, ndetse no gushyira imbaraga no gushimangira aho bigomba gukorwa. Vuga buhoro buhoro. Abantu benshi bavuga vuba vuba, basukiranya amagambo cyane ku buryo umusaruro wari witezwe ku byo bavuga utaboneka. Mu byo uvuga, shyiramo umwuka n'ubugingo bya Kristo ... Ubutumwa bwiza buhinduka imbaraga y'Imana ihesha agakiza ababuteze amatwi. Bwiriza ubutumwa bwiza mu mvugo yoroheje ibugize.³⁹⁰

Kwitondera Gutegura Ikibwirizwa.-Ibibwirizwa bivuga ku kuri kw'iki gihe biba byuzuye ingingo z'ingirakamaro. Bityo rero, ibyo bibwirizwa nibigenzuranwa ubushishozi mbere y'uko bibwirizwa abantu, nibiba bigufi ariko bifite ireme, ntibivuge ku ngingo zagutse cyane, kandi umwuka w'Umwigisha mukuru nujyana n'amagambo avugwa, nta muntu n'umwe

388 Manuscript 127, 1902.

389 *Thoughts from the Mount of Blessing*, p. 39, (1890).

390 *Counsels to Teachers*, pp. 253-255. (1913).

uzasigara mu mwijima, kandi nta n'umwe uzitotombera ko atagaburiwe. Kwitegura gufite uruhare runini ku musaruro uboneka, byaba ku ruhande rw'umubwiriza n'urw'abumva.

Noneho reka mbagezeho ubuhamya bumwe numvise. Umwe mu bizera yavuze ku mushumba we agira ati: "Mpereye ku burebure bw'ibibwirizwa bya Kanoni, iteka nagiye menya ko muri icyo cyumweru atagize igihe gihagije cyo kuba mu rugo. Iyo yabyiganye ubushishozi, usanga ibibwirizwa bye atari birebire cyane, ariko kandi ugasanga abamuteze amatwi badashobora kwibagirwa inyigisho yabitanzemo. Ariko iyo atagize igihe cyo gutegeza, usanga ibibwirizwa bye ari birebire bikabije, bityo ugasanga bidashoboka ko hari icyo wabikuramo gisigara mu bwenge."

Undi mugabura wari ufite ubuganga yabajijwe igihe amenyereye kumara abwiriza. Yarasubije ati: "Iyo nabyiteguye neza, mbwiriza mu gice cy'isaha; iyo niteguye gake, mbwiriza mu gihe cy'isaha yose. Ariko igihe ngiye ku ruhimbi ntabanje kwitegura, ndakomeza nkamara igihe kirekire nshaka; mu by'ukuri, ntabwo nzi igihe ndangiriza."

Dore andi magambo akomeye yavuzwe n'umwanditsi umwe: "Umushumba mwiza akwiriye guhorana umutsima mwinshi mu gitabo cyo, kandi imbwa ye nayo igahora yiteguye. Imbwa ni ishyamba agira aba agomba kuyobora, akariha umurongo kandi akaritwara mu rugero. Igitabo cyo cyuzuye umutsima ni intekerezo ze zuzuye ubumenyi bw'ingirakamaro, kandi akwiriye guhora yiteguye kugaburira umukumbi we."³⁹¹

Gabanya Ibice mu Bibwirizwa Byawe Birebire. – Bimwe mu bibwirizwa byawe birebire byajyaga gutanga umusaruro mwiza kurutaho mu bantu iyo biza kugabanywamo ibice bitatu. Ntabwo abantu bashobora kwakira ibintu byinshi cyane; ndetse n'ubwenge bwabo ntibushobora kubifata, bityo barananirwa kandi bakagwa mu rujijo bitewe n'ibintu byinshi bashyirwa imbere mu kibwirizwa kimwe. Usanga bibiri bya gatatu by'ibyo bibwirizwa birebire bitakara kandi n'umubwiriza akananirwa cyane. Hariho benshi mu bagabura bacu bakora ikosa kuri iyi ngingo. Umusaruro bakuramo si mwiza; kuko binaniza ubwonko kandi bakumva ko bikorereye Uwitwaga imitwaro iremereye ndetse bakaba bari mu bihe bibakomereye...

Haba mu miterere yako ndetse n'umurimo gukora, ukuri gutandukanye cyane n'ibinyoma bibwirizwa imbere y'abantu muri iki gihe ku buryo iyo ukuri kubwirijwe abantu bwa mbere, kurabatsinda rwose. Ukuri ni ibyokurya bikomeye kandi gukwiriye gukoreshwa mu bushishozi. Nubwo hariho abantu bamwe bafata vuba igitekerezo bumvise, usanga abandi bagenda buhoro buhoro mu gusobanukirwa ukuri gushya kandi gutangaza usanga gusaba impinduka no kugendana ubushishozi kuri buri ntambwe. Ha abantu igihe cyo gutekerezaga no kwiyumvisha neza ukuri gutangaje kubutumwa ubagezaho.

391 Letter 47, 1886.

Igihe abwiriza, umubwiriza akwiriye guharanira kujyanirana n'abantu haba mu myumvire yabo no ku bwuzu bafite. Ntugahanike ibyo uvuga ku buryo badashobora kugukurikira, ahubwo uvuge ukuri ingingo ku ngingo, buhoro buhoro kandi mu buryo bwumvikana, uvuga ingingo zimwe z'ingenzi, bityo bizaba nk'umusumari ushimangiwe aho wari ukwiriye n'Umwigisha Mukuru w'abantu bateranye. Nuja uhagarara ahakwiriye kandi mu gihe gikwiriye, ntubabwire ibintu byinshi uretse ibyo bashobora gusobanukirwa ndetse bikabungura, bazagira ubwuzu bwo kumva ibindi, bityo bakomeze kubyitaho.³⁹²

Kumenyekana ko uri Umubwiriza Mwiza: -Umurimo ukora, wukorane ubwuzu uko ushoboye kose. Kora ku buryo ibibwirizwa byawe biba bigufi. Hari impamvu ebyiri zituma ukwiriye kubigenza utyo. Iya mbere ni uko ushobora kumenyekana ko uri umubwiriza mwiza. Iya kabiri ni uko ushobora kubungabunga ubuzima bwawe.³⁹³

Ibibwirizwa Birimo Ibitekerezo Bishya: Ntukigere ubwiriza ikibwirizwa kirekire gituma abaguteze amatwi barambirwa. Ibi si byiza. Hashize imyaka myinshi nigisha abantu kuri iyi ngingo, nshaka ko bene Data baja babwiriza ikibwirizwa kigufi, maze igihe cyabo n'imbaraga zabo bigakoreshe mu gusobanura neza ingingo z'ingenzi zigize ukuri, kuko ingingo yose bazavugaga izibasirwa n'abaturwanya. Umuntu wese ufite inshingano mu murimo w'Imana akwiriye guhorana ibitekerezo bishya; . . . kandi kubw'amageza wahimba kandi ukareba kure, zana igishoboka cyose mu murimo wawe kugira ngo abaguteze amatwi bashishikarire kumva.³⁹⁴

Sabanya Ukuri n'Umutima: - Mu kibwiriza cyangwa icyigisho cyose utanze, reka ukuri gusabane n'umutima kugira ngo umuntu wese wagize amahirwe yo kukumva ashobore kugusobanukirwa, bityo abagabo n'abagore ndetse n'urubyiruko bashobore guhinduka bazima mu Mana.³⁹⁵

Ubutumwa Bworoshye Gusobanukirwa: Bwiriza Ijambo ry'Imana mu buryo kubusobanukirwa bizaba byoroshye. Ganisha abantu kuri Yesu Kristo mu buryo butaziguye kuko muri we ari ho ibyiringiro byabo by'ubugingo buhoraho bishingiye Uko ubwira abantu Ijambo ry'Imana, ukaritanga mu buryo bworoshye kandi bwumvikana, imbuto zizakura, kandi nyuma y'igihe runaka uzabona umusaruro. Umurimo wawe ni ukubiba imbuto; naho kuzikuza no kuzitubura ni umurimo w'ijuru ukorwa n'Imana.³⁹⁶

Kubaha Imana mu Bigaragara mu Kibwirizwa Cyose: -Gushyikira imitima y'abantu muri iki gihe biragoye cyane kurusha uko byari bimeze mu myaka makumyabiri ishize. Ingingo zemeza imitima bihebuje zishobora gutangwa, nyamara abanyabyaha basa n'abarushaho kujya kure y'agakiza.

392 Letter 39, 1887.

393 Letter 112, 1902.

394 Letter 48, 1886.

395 Testimonies to Ministries, p. 258. (1896).

396 Letter 34, 1896.

Abagabura ntibakwiriye kuja bakurikiranya ibibwirizwa bavugaga ku nsanganyatsiko zerekeye amahame y'itorero gusa. Kubaha Imana mu bigaragara bikwiriye kugira umwanya mu kibwirizwa cyose.³⁹⁷

Bwiriza Ukuri k'Ubutumwa: Igihe kimwe, uwitwa Betterton wabaye ikirangirire mu ikinamico yasangiraga na Dogiteri Sheldon, wari Musenyeri Mukuru w'Itorero ry'Abangilikani mu muji wa Kantibari³⁹⁸ (mu Bwongereza), maze Musenyeri aramubwira ati: "Ndagusabye, Bwana Betterton, mbwira impamvu mwebwe abakinnyi mutera ababateze amatwi gutwarwa mu buryo bukomeye kandi muba muvuga ibintu bitabayeho." Betterton yaramubwira ati: "Nyakubahwa Musenyeri, munkundire mbabwire ko impamvu ibitera yumvikana; byose bishingiye mu mbaraga z'ubwuzu tuba dufite. Iyo twabwira turi imbere y'abantu tuvugaga ibintu by'ibihimbano nk'aho biriho rwose; naho mwebwe iyo muvugira ku ruhimbi muvugaga ibintu biriho rwose nk'aho ari ibihimbano."³⁹⁹

Nta Guhara Bimwe mu byo Twizera Kugira ngo Twumvikane n'ab'Isi: Ntidukwiriye kunamira cyangwa gusaba imbabazi ab'isi kugira ngo tubabwire ukuri: twagombye kugaya uburyo bwo kwishushanya. Mureke amabara yanyu agaragare kugira ngo musohoze umurimo ukorwa n'abantu bafatanyije n'abamarayika. Nimureke byumvikane neza ko Abadventisiti b'Umunsi wa Karindwi badashobora guhara bimwe mu byo bizera kugira ngo bifatanye n'abandi. Mu bitekerezaho byanyu no mu kwizera kwanyu ntihakwiriye kubamo ikimenyetso na gito cyo kuba ba nyamujyiryanino; Ab'isi bafite uburenganzira bwo kumenya icyo badutezeho.⁴⁰⁰

Ubutumwa Bwacu Bugenewe Isi Yose: Turi umwe mu kwizera ukuri shingiro kw'Ijambo ry'Imana Dufite ubutumwa bugenewe isi yose. Amategeko y'Imana n'ibihamya bya Yesu Kristo ni wo mutwari twakoreye mu murimo wacu.⁴⁰¹

Kubwiriza Hagamijwe Ububuyutse: "Nimwihane, nimwihane," ni bwo butumwa bwirangiraga buvugwa na Yohana Umubatiza ari mu butayu. Ubutumwa Kristo yabwiraga abantu bwari ubu ngo: "...Ahubwo namwe nimutihana, muzarimbuka mutyo mwese." Luka 13:5. Kandi intumwa nazo zategutse kubwiriza ubutumwa ahantu hose kugira ngo abantu bihane.

Uwiteka ashaka ko abagaragu be bo muri iki gihe babwiriza inyigisho z'ubutumwa bwiza bwatanze kuva kera, bakabwiriza ibyo kubabazwa n'icyaha, kwihana no kwicuza ibyaha. Turashaka ibibwirizwa bya kera, turashaka imico ya kera, si igezweho, turashaka ababyeyi b'abagabo n'abagore bafite imico ya kera mu Bisirayeli. Umunyabyaha agomba kugira icyo akorerwa, kandi akihanganirwa mu mwuka wo kwihangana,

³⁹⁷ *Review and Herald*, April 23, 1908. [Urwibutso n'Integuza, 23, 1908].

³⁹⁸ Canterbury

³⁹⁹ *Counsels to Teachers*, p. 255. (1913).

⁴⁰⁰ Manuscript 16, 1890

⁴⁰¹ Letter 37, 1887.

umurava n'ubwenge kugeza ubwo azabona ko yishe amategeko y'Imana, agaherako yihana ku Mana kandi akizera Umwama Yesu Kristo.⁴⁰²

Ikibwirizwa Gihumuriza kandi Gifite Imbaraga: Wari ukwiriye gusobanukirwa neza n'ubutumwa bwiza. Ntabwo imibereho y'iby'idini ari ukubaho wijimye no mu mibabaro, ahubwo ni ukuba mu mahoro n'umunezero bijyana no kwiubaha no kudakebakeba kwera. Ntabwo Umukiza wacu adushishikariza guha icyicaro gushidikanya n'ubwoba no gutekereza ibizaza biduhagarika umutima. Bene ibyo ntibihumuriza ubugingo bityo rero bikwiriye gucyahwa aho gushimagizwa. Dushobora kugira ibyishimo bitavugwa n'icyubahiro cyinshi. Nimutyo tureke ubunebwe bwacu maze turusheho kwiga Ijambo ry'Imana ubudasiba. Niba harigeze kubaho igihe dukeneye Mwuka Wera ngo abane natwe, niba harigeze kubaho igihe dukeneye kubwiriza ari nako Mwuka Wera yigaragaza, icyo gihe ni iki.⁴⁰³

Ubutumwa bw'Ukuri kw'Iki Gihe Bunejeje:- Nonaha, ndetse muri iki gihe cyacu, tugomba kwamamaza ubutumwa bugenewe iki gihe dufite ibyiringiro n'imbaraga. Ntugacurange n'ijwi na rimwe ry'akababaro, kandi ntukaririmbe indirimbo ziririmbwa mu gushyingura.⁴⁰⁴

Uburyo bwo Kubwiriza aho Bagize Ibyago: Humuriza abantu baguye igihumure. Fata amakuba nk'aho ari imigisha, naho ibyago ubifate nk'aho ari imbabazi. Kora mu buryo buzatuma ibyiringiro bimera aharangwaga ubwihebe.⁴⁰⁵

Ubwira Bubyara Ibibwirizwa Bidafite Umwuka N'imbaraga: Iyo ufite ubwira uva ku kintu kimwe ujya ku kindi, iyo ufite ibintu byinshi cyane ugomba gukora ku buryo bituma udafata akanya ko kuganira n'Imana, wakwitega ute ko uzabona imbaraga mu murimo ukora? Impamvu benshi mu babwirizabutumwa bacu babwiriza ibibwirizwa bidafite umwuka n'imbaraga, ni uko bemerera iby'isi binyuranye kubatwara igihe n'intekerezo.⁴⁰⁶

Irinde Ikibwirizwa Kirangwa n'Intege Nke:-Ikibwiriza kigizwe n'ingingo ngufi, zisobanutse neza kandi kitarangwamo urujijo urwo ari rwo rwose, ni icy'akamaro kenshi bihebuje. Ntabwo Imana igusaba kumara imbaraga zawe wandika cyangwa ukora ikindi icyo ari cyo cyose mbere yo kuza mu iteraniro, kuko iyo uje wananije intekerezo bituma ubwiriza abantu ikibwirizwa kidatunganye. Shyira mu murimo imbaraga zawe z'amavamuhira kandi ntukemere ko intege nke uko zaba zingana kose zigaragara mu muhati wose ugira.

Ubaye unaniwe cyane kandi wacitse intege bitewe n'impamvu runaka, ndakurahije mu izina rya Kristo, ntukagerageze kubwiriza. Reka undi

402 Undated Manuscript, 111.

403 Manuscript 6, 1888.

404 Letter 311, 1905.

405 Testimonies, vol. 7, p. 272. (1902) [Ibiamya].

406 Testimonies, vol. 7, p. 251. (1902). [Ibiamya]

muntu utananiwe atyo abwirize, avuge amagambo make, agushe ku ntego, cyangwa se asome imirongo ya Bibiliya; cyangwa hakorwe ikindi icyo ari cyo cyose aho kubwiriza ikibwirizwa kirangwamo intege nke. Iyo migirire ntizatera ikibazo cyane mu bantu basanzwe ari abizera, ariko iyo ukuri kugomba kuvugirwa imbere y'abatizera, umubwiriza agomba kwitegura iyo nshingano. Ntakwiriye kujarajara muri Bibiliya yose, ahubwo akwiriye gutanga ikibwirizwa cyumvikana, kirimo ingingo zuzuzanya, akagaragaza ko asobanukiwe n'ibyo avuga.⁴⁰⁷

Gusigiriza: Imana irasaba abagabura b'ubutumwa bwiza ngo boye kwivuna birenze imbaraga zabo basigiriza, baharanira gushimwa no gushimisha abantu, bifuzwa kugaragaza ubuhanga n'ubutyoza bwabo. Nimutyo umugambi w'umugabura w'ubutumwa bwiza ube uwo gushakashaka muri Bibiliya yitonze, kugira ngo abashe kumenya biruseho iby'Imana n'uwo yatumye ari we Yesu Kristo. Uko abagabura b'ubutumwa bwiza bazarushaho gusobanukirwa Kristo kandi bakakira umwuka we, ni ko bazarushaho kubwirizanya imbaraga ukuri koroheje Kristo abereye ipfundo.⁴⁰⁸

Ibubwirizwa Birangwa n'Ubutozo: Umubwiriza ashobora kubwiriza abantu bakajya mu birere akoresheje gusobanura ibintu mu buryo bw'igisigo agakoresha n'ibihimbano, ariko bidakora ku bibaho mu buzima busanzwe namakene ya buri muni; ngo acengeze mu mutima ukuri nyako kw'ingirakamaro cyane. Ibisabwa muri aka kanya n'ibigeragezo biriho muri iki gihe birasaba ko tubona ubufasha n'imbaraga bya nonaha- ari zo kwizera gukorera mu rukundo kandi kukeza ubugingo, atari amagambo atagira icyo ahindura gifatika ku rugendo ruzima rwa buri muni mu mibereho ya Gikristo ifatika.

Umubwirizabutumwa ashobora gutekereza ko, kubw'ubutozo bwe mu kuvuga ibihimbano, yakoze ibikomeye mu kugaburira umukumbi w'Imana. Abamuteze amatwi bashobora kuvugako batigeze bumva insanganyamatsiko z'agahozo nk'izo, ko batigeze babona ukuri gutangazwa mu mvugo nziza nk'iyi, kandi ko ubwo bagaragarizwaga Imana mu gukomera kwayo, bumvise bagurumana umuriro w'amarangamutima. Ariko rero urebye inkomoko n'umusaruro wavuyemo, urasanga uko gutwarwa kose kw'amarangamutima kwatewe n'ibyo bihimbano babwiwe. Muri byo hashobora kubamo ukuri, ariko akenshi si byo byokurya bizabakomeza kugira ngo babashe guhangana n'urugamba rwa buri muni mu buzima bwabo.⁴⁰⁹

Kuvuga ku Ngingo Zizana Ibice mu Bantu: Abavandimwe mu kwizera ntibari bakwiriye kumva ko ari byiza kuvanamo akabo karengye bitewe n'uko batabona kimwe ingingo nto zose. Niba bumvikana ku kuri shingiro, ntibakwiriye kutumvikana kandi ngo bajye impaka za ngo turwane ku

407 Letter 48, 1886.

408 Review and Herald, March 24, 1896. [Urwibutso n'Integuza].

409 Manuscript 59, 1900

tuntu tw'agaciro gake. Gutinda ku bibazo bihagarika abantu umutima kandi amaherezo bidatanga umusaruro muzima, ibyo bikunze guteshura intekerezo z'abantu ku kuri gukiza ubugingo. Abavandimwe mu kwizera bakwiriye kwifata ntibatinde kuri izo ngingo zizana ibice mu bantu nabo ubwabo akenshi baba badasobanukiwe, ingingo usanga nabo batazi ko ari ukuri ndetse zitari ngombwa ku gakiza k'abantu. ...

Neretswe ko ari intwaro umwanzi akoresha kugira ngo ayobye ubwenge bw'abantu abujyane kwita ku ngingo itumvikana cyangwa idafite akamaro, cyangwa ngo abujyane ku kintu kitahishuwe byuzuye cyangwa ngo kibe ari ngombwa cyane ku gakiza k'abantu. "Ukuri kwagenewe ab'iki gihe" kugirwa insanganyamatsiko itwara intekerezo z'abantu igihe ibyibazwa n'ibivugwa byose biba bigamiye gusa gutuma ibivugwa birushaho kutumvikana kandi bigatera urujijo mu ntekerezo za bamwe bishakiraga kuba umwe binyuze mu kwereshwa ukuri.⁴¹⁰

Bwiriza Ukuri Kwagenewe Gushungura: Nitwemerera intekerezo z'abantu zikiyobora, hazabaho ingingo zitabarika zitazumvikanwaho kandi zishobora kugirwaho impaka n'abantu biringira Kristo ndetse bagakunda ukuri bataryarya, nyamara kandi bakaba bafite ibitekerezo bivuguruza ibindi ku ngingo usanga nta gaciro na gake zifite. Bene ibyo bibazo bidafite ibisubizo ntibikwiriye kuzanwa imbere y'abantu, kandi ngo bishyirwe mu ruhame, ahubwo niba hari umuntu ubitsimbarayeho, bikwiriye kuganirwaho mu ituze nta makimbirane. ...

Umukozi urangwa n'ubupfura n'ubwitange kandi wuzuye umwuka w'Imana, azareba mu kuri gukomeye kugize ubutumwa buhebuje bugomba kubwirwa abatuye isi maze abonemo impamvu ihagije yo gukomeza kudashyira ahagaragara ingingo nto zose abantu batandukaniraho, aho kugira ngo zishyirwe imbere y'abantu maze zibe intandaro yo guhangana. Nimureke intekerezo z'abantu zibande ku murimo ukomeye wo gucungurwa k'umuntu, ku kugaruka kwa Kristo kuri bugufi no ku mategeko y'Imana; bityo bizagaragara ko hari ibyokurya bihagije bigenewe intekerezo biri muri izo ngingo bigomba kwitabwaho.⁴¹¹

Ijwi rikenewe mu kubwiriza:-Bwiriza igihe gito, tegeka ijwi ryawe, kora uko ushoboye ushyiremo amarangamutima yose n'injyana, bityo uzirinda kunanirwa gukomeye gushobora kubaho bitewe n'ikibwirizwa kirekire kirambanyije....

Bitewe n'uburyo ibibwirizwa bitangwa, habaho gutakara k'umusaruro mwinshi ugereranyije n'uwajyaga kuboneka. Akenshi umubwiriza yibagirwa ko ari intumwa y'Imana, kandi ko Kristo n'abamarayika bari mu iteraniro bamuteze amatwi. Ijwi rye ntirikwiriye kuba rirerire, ngo yamamaze ukuri asakuza nk'uvuza impanda; kuko ubwo buryo butwara imbaraga nyinshi kurenza umwuka utuje n'imbaraga by'Umwuka Wera.

⁴¹⁰ *Undated Manuscript*, 111.

⁴¹¹ *Review and Herald*, Sept. 11, 1888. [Urwibutso n'Integuza]

Yesu we wabaye Umwigisha Mukuru ntagereranywa kuva isi yabaho, yabwirizaga atuje, adakebakeba, kandi agakora ku mitima y'abantu mu bibwirizwa bye. Ni we cyitegerereze cyacu muri byose.⁴¹²

Ibimenyetso bikangaranya: Uwiteka aragusaba ngo unoze rwose uburyo ukoresha wamamaza ukuri. Ntabwo ukeneye gutwarwa mu bibwirizwa byawe. Bwiriza Ijambo ry'Imana nk'uko Kristo Umwana wayo yaribwirizaga. Gukora ibimenyetso bikangaranya bigabanya cyane imbaraga ikabakaba umutima ukuri kwagombaga kugira ku mitima y'abantu, kandi bikagabanya imbaraga zo kwigaragaza kwa Mwuka w'Imana. Ibimenyetso nk'ibyo bigabanya gukabakabwa gukomeye gushingiye ku Ijambo ry'Imana abamarayika bera bifuza ko kwaba mu bantu. ...

Musaza wanjye, Uwiteka yampaye ubutumwa ngomba kukugezaho. Umugabura w'ubutumwa bwiza akora umurimo ukomeye kandi wera. Abamarayika baba bari mu iteraniro ryose aho Ijambo ry'Imana ryigishwa, kandi abayobora ayo materaniro bagomba gukorana ubwitonzi n'icyubahiro nk'ibyo Kristo yagaragaje mu myigishirize ye. Uburyo bunoze bukwiriye gukoreshwa igihe cyose ukuri kwa Bibiliya kubwirizwa.⁴¹³

KRISTO NI WE ZINGIRO RY'UBUTUMWA

Yesu Kristo ni we zingiro rikomeye ubutumwa bwose bwerekezaho: Ubutumwa bwa marayika wa gatatu busaba ko habaho kubwiriza abantu iby'Isabato ivugwa mu itegeko rya kane, kandi uku kuri kugomba kubwirizwa abatuye isi bose; ariko Yesu Kristo we Zingiro rikomeye ubutumwa bwose bwerekezaho ntabwo akwiriye kwibagirana mu butumwa bwa marayika wa gatatu. ...

Umunyabyaha akwiriye guhora ahanze amaso i Kaluvari; kandi kubwo kurangwa n'ukwizera nk'umwana muto, agomba kubonera ikiruhuko mu byo Kristo yakoze, akemera gukiranuka kwe kandi akizera imbabazi ze. Abakora umurimo wo kwamamaza ukuri bakwiriye kugaragaza gukiranuka kwa Kristo.⁴¹⁴

Erereza Kristo:-Kristo wabambwe, Kristo wazutse, Kristo wazamutse mu ijuru, Kristo ugiye kugaruka, ni we ukwiriye koroshya intekerezo z'umugabura, akamushimisha kandi akaba ari we wuzura ubwenge bwe ku buryo azabasha kubwira abantu uko kuri mu mwuka w'urukundo n'umurava. Nibiba bityo, umugabura w'ubutumwa bwiza ntazagaragara ubwe ahubwo Yesu ni we uzagaragara.

Yemwe abigisha abantu, nimwerereze Yesu, nimumwerereze mu kibwirizwa, mu ndirimbo no mu isengesho. Nimutyo imbaraga zanyu zose zikoreshwe mu kuyobora abantu bari mu rujijo, bahagaritse umutima kandi bazimiye maze berekezwe ku "Mwana w'Intama w'Imana." Nimwerereze

⁴¹² Letter 47, 1886.

⁴¹³ Letter 366, 1906.

⁴¹⁴ Review and Herald, March 20, 1894 [Urwibutso n'Integuza].

Umukiza wazutse, kandi mubwire ababumva bose kumusanga kuko “yadukunze kandi akatwitangira.” Nimutyo iby’agakiza abe ari byo biba umutwaro tugomba gutwara mu kibwirizwa cyose, kandi bibe insanganyatsiko y’indirimo yose. Nimutyo iby’agakiza abe ari byo bivugwa mu isengesho ryose. Ntukagire ikintu cyose uzana mu kibwirizwa cyawe kigira icyo cyongera kuri Kristo no ku bwenge n’imbaraga by’Imana. Nimubwirize ijamba ry’ubugingo, mwerekane ko Yesu ari we byiringiro by’umunyabyaha wihana akaba n’igihome gikingira umwizera wese. Mwerekane inzira y’amahoro abahagaritse umutima n’impeyamajyo, kandi mwerekane ubuntu bw’Umukiza n’uburyo ashitse ntugire icyo yongerwaho.⁴¹⁵

Kristo muri buri kibwirizwa: Hari abantu benshi barenze abo dutekereza bifuzwa cyane kumenya inzira ibageza kuri Kristo. Abantu babwiriza ubutumwa buheruka bw’imbabazi bakwiriye guhora bazirikana ko Kristo ari we ugomba kwerekerwa kuko ari we buhungiro bw’umunyabyaha. Ababwiriza bamwe batekereza ko atari ngombwa kubwiriza abantu ibyerekeye kwihana no kwizera; bafata ibintu nk’ibisanzwe bakibwira ko ababatega amatwi bamenyereye kandi bazi ubutumwa bwiza, kandi ko izindi ngingo zitandukanye n’izo ari zo zigomba kwigishwa abantu kugira ngo bahugukire kumva ibyo babwiriza. Nyamara abantu benshi ntibazi rwose iby’inama y’agakiza; bakeneye inyigisho nyinshi zivuga kuri iyi ngingo ihatse izindi kurusha uko biga izindi ngingo.

Ibibwirizwa bisesengura amahame mu magambo gusa ni ingenzi kugira ngo abantu bashobore kubona uburyo ukuri kurimo ingingo z’urukerekane, bakabona isano iri hagati y’ukuri n’ukundi maze byose bikubaka ukuri gutunganye. Ariko rero nta kibwirizwa cyagombye kubwirizwa kitagaragaza Kristo wabambwe we rufatiro rw’ubutumwa bwiza. Abagabura bagera ku mitima myinshi baramutse barushijeho kwibanda ku kubaha Imana mu ngiro.⁴¹⁶

Kubwiriza abantu Kristo urebeye ku byakubayeho: Umubwirizabutumwa wese yari akwiriye kugira umutwaro wo kugaragaza Kristo wese uko ari. Iyo impano yo gukiranuka kwa Kristo twaherewe ubuntu itagaragarijwe abantu, ibibwirizwa biba byumagaye kandi bibuze umwuka; bityo umukumbi w’Imana ntuba ugaburiwe. Intumwa Pawulo yaravuze ati: “N’ibyo navugaga nkabwiriza ntibyari amagambo y’ubwenge yo kwemeza abantu, ahubwo byari ibigaragaza Umwuka n’imbaraga.” (1 Abakorinto 2:4).

Mu butumwa bwiza harimo umusokoro n’urugimbu. Yesu ni we zingiro rizima ry’ibintu byose. Bityo rero, shyira Kristo mu kibwirizwa cyose. Nimureke agaciro ka Yesu Kristo, imbabazi ze n’icyubahiro cye bibe ingingo zibandwaho mu bibwirizwa kugeza ubwo Kristo aremerwa mu mitima y’abantu, we byiringiro by’ubwiza ...

415 *Gospel Workers*, pp. 159, 160. (1915).

416 *Gospel Workers* pp. 158, 159. (1915).

Nimutyo duhurize hamwe ibyo ubuzima twanyuzemo bwaduhishuriye agaciro twabonye muri Kristo, maze tubimenyeshe abandi bimeze nk'amabuye y'agaciro arabagirana kandi ashashagirana. Uko ni ko umunyabyaha azareherezwa gusanga Kristo we Mutware mu bihumbi akaba n'Inyamibwa muri bose. Umusaraba w'i Kaluvari ni isezerano twahawe ry'ubugingo buhoraho. Kwizera Kristo bisobanuye ibintu byose ku mwizera utaryarya. Ibyo Kristo yadukoreye byahanaguye ibicumuro byacu, maze atwambika ikanzu yo gukiranuka yadodewe mu ijuru. Ikamba ry'ubugingo ryashyizwe imbere yacu kandi ni ryo cyubahiro tuzahabwa ku iherezo ry'intambara. Uku kuri kw'agaciro kenshi kugomba kumenyeshwa abantu hakoreshejwe amagambo mazima.⁴¹⁷

Insanganyamatsiko z'Ibibwirizwa Byacu: Dore insanganyamatsiko tugomba kubakiraho ibibwirizwa byacu: Kristo wabambiwe ibyaha byacu, Kristo wazutse, Kristo udusabira imbere y'Imana. Izo kandi zikwiriye kuba zomatanye n'umurimo Umwuka Wera akora, kuko ari we uhagarariye Kristo, kandi akaba yaroherejwe afite imbaraga z'Imana ndetse n'impano azaniye abantu.⁴¹⁸

Kuba yarahozeho mbere yo kuremwa kw'isi, ukugaruka kwe mu bwiza n'imbaraga, icyubahiro cye n'amategeko ye yera, ni zo nsanganyamatsiko zagiye zibandwagaho kandi zigishanywa kwiyoroshye n'imbaraga.⁴¹⁹

Ubutumwa Bwubaka kandi Bufasha: Koresha ijwi ryawe maze ubwirize ubutumwa bwubaka kandi bufasha. Mwerereze, erereza uwabambwe i Kaluvari, mwerereze kandi wongere umwerereze. Mu kwereza umusaraba wa Kristo harimo imbaraga. ...

Kristo akwiriye kubwirizwa abantu ariko hatarimo kuvuguruzanya, ahubwo nabwirizwe mu buryo bwubaka kandi bufasha. Hagarara mu mwanya wawe udahangana. Ntukemere na rimwe ko amagambo yawe arangwamo gushudikanya. Ijambo ry'Imana nzima rigomba kuba urufatiro rwo kwizera kwacu. Egeranya ingingo zikomeye zubaka kandi zifasha zerekeye igitambo Kristo yatanze kubw'ibyaha by'abari mu isi. Erekanako ukuntu iki gitambo cyari gikenewe, maze ubwire abagabo n'abagore ko bashobora gukizwa baramutse bihannye, bakemera guhindukira maze bakumvira amategeko y'Imana. Egeranya ingingo zose zubaka kandi zifasha, ndetse n'ibihamya bituma ubutumwa bwiza buba inkuru nziza y'agakiza ku bantu bose bakira kandi bakizera Kristo nk'Umukiza wabo bwite.⁴²⁰

Ikibwirizwa Kimeze nk'Ituro rya Kayini: -Benshi mu bagabura bacu bagiye bapfa kubwiriza, bagasobanura ingingo runaka batanga ibihamya bishimangirana ubuhanga ibyo bavuga, nyamara bakavuga gake cyane ku mbaraga ikiza y'Umucunguzi. Ubuhamya bwabo bwari bubuzemo amaraso

417 *Review and Helard*, March 19, 1895. [Urwibutso n'Integuza].

418 *Letter* 86, 1895.

419 *Letter* 83, 1895.

420 *Letter* 65, 1905

akiza ya Yesu Kristo. Ituro ryabo ryasaga n'ituro rya Kayini. Yazaniye Uwiteka imbuto zo mu butaka, kandi izo mbuto ubwazo zari nziza mu maso y'Imana. Izo mbuto zari inyamibwa rwose, ariko ukuri kw'igitambo ari ko – “maraso y'umwana w'intama wasogotwaga, agashushanya amaraso ya Kristo – kwari kubuze mu gitambo cye. Uko ni nako ibibwirizwa bitarangwamo Kristo bimeze. Bene ibyo bibwirizwa ntibicengera mu mitima y'abantu ngo bibatere kubaza bati: 'Nakora iki ngo nkizwe?' Mu bavuga bose ko ari Abakristo, Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bari bakwiriye kuba nyambere mu kwereza Kristo imbere y'abatuye isi.⁴²¹

Kubwiriza Ukuri mu Buryo Busobanutse kandi Bworoshye: Abagabura bakeneye kugira uburyo busobanutse kandi bworoshye bakoresha babwiriza ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Ubwenge bwabo bukeneye gusobanukirwa byuzuye ibyerekeye inama ikomeye y'agakiza. Ubwo ni bwo bashobora kuyobora intekerezo z'ababumva bakazikura mu by'isi bakazerekeza mu by'umwuka n'ibizahoraho iteka. Hariho abantu benshi bashaka kumenya icyo bakwiriye gukora kugira ngo bakizwe. Bakeneye ubusobanuro budaciye ruhande kandi bworoshye bubereka intambwe zigomba guterwa kugira ngo bahinduke. Bityo rero, nta kibwirizwa cyagombye gutangwa keretse gusa umugabane umwe wacyo uramutse usobanura mu buryo bwihariye inzira abanyabyaha bashobora gucamo basanga Kristo kugira ngo bakizwe. Abagabura bakwiriye kwereka abanyabyaha Kristo nk'uko Yohana integuza yabigenzaga, kandi akabikorana kwiyoroshya kwakoraga ku mitima, bityo imitima yabo igasusurutswe n'urukundo rwa Kristo. Yarababwiraga ati: “Nguyu umwana w'intamba w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi.” (Yohana 1:29). Hakenewe irarika rifite ingufu kandi rikoranywe umurava rihamagarira umunyabyaha kwihana no guhinduka.⁴²²

Ukuri nk'uko Kuri Muri Yesu: Igisha abantu inyigisho zoroshye Kristo yajyaga yigisha. Babwire igitekerezo cy'ubuzima bwe bwo kwigomwa n'igitambo cye, gucishwa bugufi kwe n'urupfu rwe, ukuzuka no kuzamuka akajya mu ijuru kwe, ndetse n'uko asabira abanyabyaha mu ijuru. Mu iteraniro ryose haba harimo abantu Umwuka w'Uwiteka aba agenderera imitima yabo. Bafashe gusobanukirwa n'ukuri, bamanyagurire umutsima w'ubugingo; kandi ubashishikarize kwita ku bibazo by'ingenzi bireba ubugingo bwabo.

Hari amajwi menshi avuganira ikinyoma [muri iki gihe]; bityo rero reka ijwi ryawe ryo rivuganire ukuri. Bwiriza ku ngingo zizahinduka nk'urwuri rutoshye ku ntama zo mu mukumbi w'Imana. Ntukayobore abakumva ku nyandiko zidafite agaciro, aho bazarushaho kujya kure y'isoko y'amazi abeshaho, ndetse bakajya kure y'aho bahoze mbere yo kukumva. Bwiriza abantu ukuri nk'uko kuri muri Yesu, ugaragaze neza ibisabwa n'amategeko y'Imana ndetse n'ubutumwa bwiza. Vuga Kristo, we nzira, ukuri n'ubugingo,

421 *Gospel Workers*, p. 156. (1915)

422 *Review and Herald*, Feb. 22, 1887. [Urwibutso n'Integuza].

kandi uvuge iby'imbaraga ye ikiza abamusanga bese. Umugaba w'agakiza kacu asabira ubwoko bwe, ariko si nk'uwiringira kugira ngo atere Data wa twese kugira impuhwe, ahubwo asaba nk'umuneshi ugomba guhabwa amakamba y'intsinzi ye. Abasha rwose gukiza abantu bese begerezwa Imana nawe. Sobanura uku kuri mu buryo bwumvikana neza.

Keretse gusa abagabura b'ubutumwa bwiza baramutse barinzwe n'Imana, naho ubundi bashobora guhisha ukuri muni y'imitako ya kimuntu. Nimutyo he kubaho umugabura utekereza ko ashobora guhindura imitima y'abantu akoresheje ibibwirizwa birimo ubutyoya. Abigisha abandi bakwiriye gutakambira Imana kugira ngo ibuzuze Umwuka Wera, kandi ibabashishe kwerereza Kristo we byiringiro rukumbi by'umunyabyaha. Amagambo aryoheye amatwi, imigani mihimbano isekeje cyangwa imigani idakwiriye ntibishobora kwemeza umunyabyaha. Abantu batega amatwi amagambo nk'ayo nk'uko bayategera indirimbo ishimishije. Ubutumwa umunyabyaha akwiriye kumva ni ubu ngo: "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Yohana 3: 16.⁴²³

Urukundo rwa Kristo Rukwiriye Kwererezwa. -Mu rwego rwo gusenya imbogamizi ziterwa n'urwikekwe no kutihana, urukundo rwa Kristo rukwiriye kugira umwanya mu kibwirizwa cyose. Menyesha abantu ukuntu Yesu abakunda kandi ubereke n'ibimenyetso yabahaye byerekana urwo rukundo abakunda. Ni rukundo ki rwahwana n'urwo Imana yagaragariye umuntu binyuze mu rupfu rwa Yesu ku musaraba? Iyo umutima w'umuntu wuzuye urukundo rwa Yesu Kristo, urwo rukundo ruzagaragarizwa abantu kandi rugere no ku mitima yabo.⁴²⁴

Umusaraba ni Urufatiro rw'Ikibwirizwa Cyose: Igitambo cya Kristo cyabaye impongano y'icyaha, ni ko kuri gukomeye ukundi kuri kose gushingiyeho. Kugira ngo kumvikane neza kandi kunyure imitima y'abantu, ukuri kose ko mu Ijambo ry'Imana uhaye mu Itangiriro ukageza mu Byahishuwe kugomba kwigwa mu mucyo umurika uva ku musaraba w'i Kaluvari. Mbashyize imbere ikimenyetso kinini kandi gikomeye cy'imbabazi no kugirwa mushya, agakiza no gucungurwa. Icyo kimenyetso ni Umwana w'Imana ubambwe ku musaraba. Umusaraba ni wo ugomba kuba urufatiro rw'ikibwirizwa cyose abagabura bacu babwiriza.⁴²⁵

Kristo no Gukiranuka Kwe: Nimutyo Kristo no gukiranuka kwe abe insanganyamatsiko yacu y'ingenzi n'ubuzima bwo kwizera kwacu.⁴²⁶

Ni ubutumwa bwa marayika wa gatatu nyakuri: Abantu benshi banyandikiye bambaza niba ubutumwa bwo gutsindishirizwa n'ubuntu ku

⁴²³ *Gospel Workers*, pp. 154, 155. (1915).

⁴²⁴ *Letter* 48, 1886

⁴²⁵ *Gospel Workers*, p. 315. (1915).

⁴²⁶ *Review and Herald*, Aug. 31, 1905. [Urubitso n'Integuza].

bwo kwizera ari ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Narabasubije nti: “Ni ubutumwa bwa marayika wa gatatu nyakuri.”⁴²⁷

Ubu Butumwa Bwerekana Umukiza Wahawe Ikuzo: Ubu butumwa bwari bugamije kurushaho kwereka ab’isi yose Umukiza wahawe ikuzo, We gitambo cy’ibyaha by’isi yose. Ubu butumwa bwerekanye gutsindishirizwa ku bwo kwizera Yesu Kristo we Ngwate [y’umunyabyaha], bwararikiye abantu kwakira gukiranuka kwa Kristo, kugaragazwa no kumvira amategeko y’Imana yose. Abantu benshi bayobye inzira ntibabona Yesu. Bari bakeneye ko amaso yabo yongera kwerekezwa kuri Kristo, ku byo yabakoreye, no ku rukundo rwe rudahinduka akunda umuryango w’inyokomuntu. Yahawe ububasha bwose kugira ngo abashe guha abantu impano zikungahaye, ngo impano itagira akagero yo gukiranuka kwe ayihe abamukorera b’abanyantegere nke. Ubu ni bwo butumwa Imana yategetse ko bubwirizwa abatuye isi. Ni butumwa bwa marayika wa gatatu bugomba kubwirizwa mu ijwi rirenga, kandi bukajyanirana no gusukwa k’Umwuka w’Imana ku rugero rusaze.

Umukiza wahawe ikuzo akwiriye kugaragazwa mu murimo yakoze wageze ku ntego, akagaragazwa nk’Umwana w’intama watambwe, wicaye ku ntebe y’ubwami ngo ahe abantu imigisha itarondoreka yabasezeranije, ndetse abagezeho ibyiza bituruka mu cyatumye apfa kugira ngo acungure umuntu wese wamwizera. Ntabwo Yohana yashoboraga kuvuga urwo rukundo mu magambo ngo arurondore; kuko rwimbitse cyane kandi rukaba rwagutse cyane. icyo yakoze ni ukurarikira abantu kurwitegereza. Aho ari mu ijuru, Kristo ahora asabira itorero, asabira abo yishyuriye ikiguzi cyo gucungurwa atanze ubugingo bwe. Nubwo imyaka yashira indi igataha, ntishobora kugabanya agaciro k’igitambo cye gihongerera ibyaha. Inkuru y’ubutumwa bwiza bw’ubuntu bwe yagombaga kubwirwa itorero mu mvugo yumvikana neza kandi yihariye, kugira ngo ab’isi be kuzongera kuvuga ko Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi bahora bavuga iby’amatageko, amategeko nyamara ntibigishe kandi ngo bizere Kristo.

Abantu bagombaga gusobanurirwa akamaro k’amaraso ya Kristo mu mwuka w’ubwuzu n’imbaraga, kugira ngo kwizera kwabo kubashe gushingira kubyo yakoze. ...

Hashize imyaka myimshi itorero rireba ku muntu kandi rimwitezeho byinshi, nyamara ntirirebe kuri Yesu uwo ibyiringiro byacu by’ubugingo buhoraho bishingiyeho. Kubw’ibyo, Imana yahaye abagaragu bayo ubuhamya bwagaragaje ukuri nk’uko kuri muri Yesu, ari ko butumwa bwa marayika wa gatatu bwavuzwe mu buryo bwumvikana kandi busobanutse neza.⁴²⁸

Kristo n’Ibyo Umuntu Akora Agaragaza Kwihana: Iyo ubutumwa bwa marayika wa gatatu bubwirijwe nk’uko bikwiriye, hari imbaraga ijyana no kubwirizwa kwabwo maze bugahinduka imbaraga ihoraho ihindura

427 *Review and Herald*, April 1, 1890. [Urwibutso n’Integuza].

428 *Testimonies to Ministers*, p. 91-93. (1896).

abantu. Kubwirizwa kwabwo kugomba guherekezwa n'imbaraga mvajuru, bitaba ibyo ntibugire icyo bugeraho ...

Iyo umuntu akora agaragaza kwihana, kubabaza umubiri, guhora watura ibyaha ariko ukihana utabikuye ku mutima, kwiwiriza ubusa, iminsi mikuru n'imihango ikorwa igaragara inyuma, ariko ibyo byose bigakorwa bidaherekejwe no kwitanga nyakuri, byose nta cyo byaba bimaze na mba. Igitambo cya Kristo kirahagije; yatuye Imana ituro rishyitse kandi ry'ingirakamaro; kubw'ibyo rero, imbaraga z'umuntu zonyine zitarimo ibyo Kristo yakoze nta gaciro zifite....

Inama y'agakiza ntikwiriye kumvikana ko binyuze muri yo umuntu agezwaho imbagara z'Imana kugira ngo imbaraga ze za kimuntu zishobore kugera ku musaruro rwose ...

Iyo hatabayeho urugendo rwo guhinduka rushobora kubaho binyuze gusa mu mbaraga z'Imana, intege nke za kamere zo kubogamira mu cyaha zikomeza gushinga icyicaro mu mutima mu mbaraga zazo zose uko zakabaye, zikarema iminyururu mishya kandi zikabohera umuntu mu bubata adashobora gucika kubw'imbaraga za kimuntu.⁴²⁹

Ubutumwa bw'Ukuri Bwagenewe Iki Gihe: Turashima Uwiteka tubikuye ku mutima kubera ko dufite umucyo utangaje tugomba kumurikishiriza abantu, kandi turishimira ko yaduhaye ubutumwa bwagenewe abo muri iki gihe, bukaba ari ubutumwa bw'iki gihe. Ubutumwa buvuga ko Kristo ari we gukiranuka kwacu bwazahuye abantu benshi, kandi Imana irabwira ubwoko bwayo iti: "Nimukomeze mujye mbere."⁴³⁰

'Ubutumwa Bwagenewe Amatorero n'Ahatangizwa Umurimo Hashya: Abagabura b'ubutumwa bwiza bagomba kugaragaza Kristo mu kuzura kwe haba mu matorero no mu turere dushya tubwirizwamo ubutumwa kugira ngo ababatega amatwi bagire ukwizera kutarimo ubujiji. Abantu bakwiriye kwigishwa ko Kristo ari we gakiza kabo no gukiranuka kwabo. Satani afite umugambi yize neza wo gutuma abantu batizera ko Kristo ari we byiringiro byabo rukumbi; kubera yuko amaraso ya Kristo yeza abantu ho icyaha cyose agirira umumaro gusa abizera ibyo yabakoreye.⁴³¹

Bamwe baba Bateze Amatwi Ikibwirizwa Giheruka Kuri Bo: Imana irashaka kuvana intekerezo z'abantu mu byo bemezwa n'inyurabwenge yabo bakajyanwa mu kwemera [ukuri] kwimbitse ukuri kwera kandi guhebuje. Akenshi inyurabwenge ya muntu ijya kuzimya umucyo Imana yari kumurikisha mu mirasire igaragara neza kugira ngo yemeze abantu ko Imana Umuremyi w'ibiriho byose ari we ikwiriye ikuzo n'icyubahiro, kuko ari we Muremyi w'ibintu byose.

429 Review and Herald, Aug. 19, 1890 [Urwibutso n'Integuza].

430 Review and Herald, July 23, 1889. [Urwibutso n'Integuza].

431 Gospel Workers, p. 162. (1915).

Abagabura bamwe bakora ikosa bategura ibibwirizwa byuzuyemo gushimangirisha ingingo zikomeye ibyo bavuga. Hariho abantu bumva amagambo y'amahame agize ukuri, kandi bagakorwa ku mutima n'ibihamya bahawe; bityo iyo Kristo agaragajwe nk'Umukiza w'abari mu isi, imbuto zibibwe zishobora kumera, zikera amatunda kubw'ikuzo ry'Imana. Nyamara akenshi usanga umusaraba w'i Kaluvari utagaragarizwa abantu. Bishoboka ko icyo cyaba ari cyo kibwirizwa giheruka abantu bamwe mu bateze amatwi baba bari kumva mu buzima bwabo, bityo ayo mahirwe y'izahabu bari bafite akabacika by'iteka ryose. Iyaba Kristo n'urukundo rwe rwacunguye abanyabyaha aba yarabwirijwe abantu bijyaniranye n'amagambo y'amahame agize ukuri, bene abo bantu baba baragaruriwe Kristo bakajya mu ruhande rwe.⁴³²

IBIBWIRIZWA BY'UBUHANUZI BIFATA INTEKEREZO Z'ABANTU

Kangurira Abantu Kwita ku Buhanzu: Abayoboke ba Kristo bakwiriye guhuza imbaraga zabo bakararikira abatuye isi kwita ku buhanuzi busohora vuba vuba bwo mu Ijambo ry'Imana.⁴³³

Ubuhanuzi Bwonyine Nibwo Bufite Igisubizo ku Bibazo Byimbitse Abantu Bibaza:- Ubuhanuzi NDIHO ukomeye yatanze mu ijamba rye bugenda buhuriza amapfundo ku mugozi w'uruhererekane rw'ibibaho uherye mu gihe cyashize mu bihe bizira iherezo kugeza mu bihe bidashira mu gihe kizaza, butubwira aho tugeze uyu muni mu rukurikirane rw'ibihe ndetse n'ibyo twakwitega bizabaho mu gihe kigiye kuza. Kugeza uyu muni ibyo ubuhanuzi bwavuze byose ko bizaba, byanditswe ku mpapuro z'amateka, kandi dushobora kumenya tudashidikanya ko ibitari byaba na byo bizasohora byose nk'uko bigomba gukurikirana.

Muri iki gihe, ibimenyetso by'ibihe bigaragaza ko duhagaze ku itangiriro ry'ibintu bikomeye. Muri iyi si yacu ibintu byose biri kwivumbagatanywa. Ubuhanuzi Umukiza yahanuye bwerekeye ibintu bizabanziriza kugaruka kwe burasohorera imbere yacu tubureba. "Muzumva iby'intambara n'impuha z'intambara Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishitsi hamwe na hamwe." Matayo 24:6,7.

Igihe turimo ni igihe cy'ibintu biteye ubwoba ku bariho bose. Abami n'abatware ari bo bari mu myanya ikomeye kandi y'ubuyobozi, abagabo n'abagore batekereza bo mu nzego zose, abo bose bahanze amaso yabo ku biri kuba ahadukikije. Bitegereza imibanire iri hagati y'ibihugu. Bitegereza ubukare bugenda bufata ikintu cyose kiri ku isi, kandi basobanukirwa ko hari ikintu gikomeye kandi kidasubirwaho kigiye kubaho. Babona ko isi igiye kugera mu kaga gakomeye cyane.

Bibiliya yonyine ni yo itanga ishusho itunganye y'ibyo bintu. Muri yo ni ho hahishurirwa ibintu bikomeye biheruka bizaba mu mateka y'iyi si yacu,

⁴³² *Gospel Workers*, p. 157, 158. (1915).

⁴³³ *Manuscript* 38, 1905.

kandi ibyo bintu byamaze gutangira kohereza igicucu cyabyo, ndetse urusaku rwo kwegereza kwabyo rutera isi gutigita kandi imitima y'abantu igahagarikwa n'ubwoba.⁴³⁴

Vuza Impanda mu Ijwi Rihamyeye: Hariho abantu benshi badasobanukiwe n'ubuhanuzi bwerekeye iyi minsi turimo, kandi bakeneye kumurikirwa. Inshingano y'abarinzi n'ababwirizabutumwa ni iyo kuvuza impanda mu ijwi rihamyeye kandi riranguruye. Gira n'ingoga, "shyira ejuru, uvuge cyane we kugerura, rangurura ijwi ryawe nk'ikondera, ubwire ubwoko bwanjye ibicumuro byabwo, ubwire inzu ya Yakobo ibyaha byabo." Yesaya 58:1.⁴³⁵

Shimangira Ukuri Kumvikana Kuvugwa mu Buhanuzi: Akaga ko mu minsi ya nyuma karatwugariye, bityo mu murimo wacu tugomba kuburira abantu tukababwira iby'akaga barimo. Nimutyo twe kwirengagiza kuvuga ku bikomeye bizabaho ubuhanuzi bwahishuye. Iyaba abantu bacu bari bakangutse nibura by'igice, iyaba bazirikanaga ko ibizaba byavuzwe mu gitabo cy'Ibyahishuwe byegereje, mu matorero yacu haba ivugurura, kandi abantu benshi bakwizera ubutumwa tubabwiriza.

Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa; Imana iraduhamagara ngo turagire ubugingo bw'abantu nk'abazabubazwa. Koresha amahame mashya kandi ushimangire ukuri kumvikana kandi kudashidikanywaho [kuvugwa mu buhanuzi]. Uku kuri kuzamera nk'inkota ityaye amugi yombi. Ariko ntukitegure kugaragaza umwuka wo guhangana. Hazabaho ibihe tuzaba tugomba kwihagararira dutuje maze tukabona agakiza k'Imana. Nimureke igitabo cya Daniyeli kivuge, mureke Ibyahishuwe bivuge kandi muvuge ukuri. Ariko rero mu gice icyo ari cyo cyose cy'insanganyamatsiko yaba ivugwaho, mwerereze Yesu we shingiro ry'ibyiringiro byose, we Gishyitsi cya Dawidi n'umwuzukuruza we kandi akaba n'Inyenyeri yaka yo mu ruturuturu. (Ibyahishuwe 22: 16).⁴³⁶

Kwigisha mu Buryo Bushyushye kandi Bukora ku Mitima: Ntimugatume kwigisha ubutumwa bwiza bikorwa mu buryo bukakaye kandi budasobanukira abantu bwagiye bukoreshwa kenshi, ahubwo mubwirize ukuri kw'Ijambo ry'Imana mu buryo bushyushye kandi bukora ku mitima ...

Igitabo cy'Ibyahishuwe kigomba kubumburirwa abantu. Abantu benshi bigishijweko ari igitabo gifatanyishijwe ikimenyetso; ahubwo gifatanyishijwe ikimenyetso gusa ku bantu banze umucyo n'ukuri. Ukuri kuri muri iki gitabo kugomba kubwirizwa abantu kugira ngo bagire amahirwe yo kwitegura ibigiye kubaho vuba bidatinze. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugomba kubwirizwa kuko ari bwo byiringiro rukumbi by'agakiza by'isi igana mu irimbukiro.⁴³⁷

434 Abahanuzi n'Abami, 2015:p.274. ; [2016:pp.345, 346]

435 Letter 1, 1875.

436 Testimonies to the Ministers, p. 118. (1896).

437 Letter 87, 1896.

Ubutumwa Butatu bw'Ingenzi: Insanganyamatsiko ifite agaciro gakomeye cyane ni ubutumwa bwa marayika wa gatatu kuko bukubiyemo ubwa marayika wa mbere n'uwa kabiri. Abantu bose bakwiriye gusobanukirwa n'ubutumwa buri muri ubwo butumwa butatu kandi bakabugaragaza mu mibereho yabo ya buri munsu kubera ko ibyo ari ingenzi ku gakiza kabo. Bizadusaba kwiga dushyizeho umwete kandi dusenga kugira ngo dusobanukirwe uko kuri gukomeye; kandi kugira ngo dushobore kwiga no gusobanukirwa bizadusaba ko dukoresha imbaraga zacu cyane.⁴³⁸

Ubuhanzu ni Urufatiro rwo Kwizera Kwacu: Abagabura b'ubutumwa bwiza bakwiriye kwigisha abantu ijamba ry'ukuri ryahanuwe barifata ko ari ryo rufatiro rwo kwizera kw'Abadiventisiti b'Umunsu wa Karindwi. Ubuhanzu bwa Daniyeli n'Ibyahishuwe bukwiriye kwigwa bwitondewe kandi mu kubwiga bukaba bwomatanye n'aya magambo ngo: "Nguyu Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Yohana 1: 29.

Igice cya makumyabiri na kane cy'ubutumwa bwiza bwanditswe na Matayo cyanshyizwe imbere kenshi mbwirwa ko ari igice abantu bose bagomba kwigishwa bakacyitaho. Ubu turi mu gihe ubuhanuzi bwo muri iki gice bugenda busohora. Mureke abagabura bacu n'abigisha bacu basobanurire ubwo buhanuzi abo bigisha. Mu bibwirizwa byabo nibakuremo ingingo zidafashije, ahubwo bigishe ukuri kuzagena imibereho y'ahazaza h'abantu.⁴³⁹

Ukuri Kureba Abariho Bose:- Tugomba kubwiriza abatuye isi ukuri gukomeye kandi guhebuje kuvugwa mu Byahishuwe. Uku kuri kugomba kwinjizwa mu migambi n'amahame by'itorero ry'Imana. Hari umugisha wavuzwe uzahabwa abantu bita ku butumwa bugikubiyemo. Mu rwego rwo gutera umwete abantu ngo bige igitabo cy'Ibyahishuwe, hari imigisha yabasezeraniye. Nta mpamvu n'imwe dukwiriye kugira yadutera ubunebwe bwo kugisoma bitewe n'ibisa n'ibimenyetso by'amayobera bikirimo. Kristo ashobora kuduha kugisobanukirwa. ...

Hakwiriye kubaho uburyo bwo kwigana ubushishozi igitabo cy'Ibyahishuwe, kandi hakabaho kubwirizanya umwete ukuri kukirimo kuko ari ukuri kureba abantu bariho bose muri iyi minsi iheruka.⁴⁴⁰

Ubutumwa bwagenewe isi yose: Iyereka Kristo yahaye Yohana, ryerekana amategeko y'Imana no kwizera Yesu, rigomba nta kabuza kubwirwa amahanga yose, amoko yose n'indimi zose. Amatorerero ahagarariwe na Babuloni, agaragazwa ko yaguye akava mu murongo w'iby'umwuka yarimo maze agahinduka ubutegetsi butoteza abubahiriza amategeko y'Imana kandi bakagira guhamya kwa Yesu Kristo. Kuri Yohana,

438 Letter 97, 1902.

439 Gospel Workers, p. 148. (1916).

440 Manuscript 105, 1902.

ubu butegetsi butoteza bugaragazwa ko bufite amahembe nk'ay'umwana w'intama, ariko bukavuga nk'ikiyoka.⁴⁴¹

Kubona igisubizo kivuye mu bitabiriye iteraniro: Amateraniro yayobowe na mwene Data...(.....)⁴⁴²...yitabiriwe n'abantu benshi, kandi abantu bategaga amatwi amagambo ye bayitayeho cyane; kandi kuyitaho byarakomeje kuva atangiye kugeza asoje. Yabaga afashe Bibiliya mu ntoki ze, kandi ibyo yavugaga byose yabishingiraga ku Ijambo ry'Imana. Mwene Data..... yasobanuriraga abantu ubuhanuzi bwa Daniyeli n'Ibyahishuwe. Amagambo ye bwite yabaga make cyane, ahubwo akareka Ibyanditswe Byera ubwabyo bikisobanura, bigasobanurira abantu ukuri. Amaze kubabwiriza ukuri, Umukuruyashakaga uburyo abaje mu iteraniro bagaragaza ibitekerezo byabo ku byavuzwe. Yaravugaga ati: "Noneho rero abantu babona ukuri kuri mu byo mvuga nibazamure ikiganza." Mu gusubiza ikibazo cye, abantu benshi bazamuraga ibiganza. Njye sinababwira neza ukuntu kubwiriza kwe kwanyuraga abantu bitangaje.⁴⁴³

Imyifatire y'ab'iki gihe ku byerekeye ukuri kuvugwa mu buhanuzi.

Nk'uko aba kera babigenje, ubuhamya bwumvikana bw'ijambo ry'Imana babwibazagaho batya bati: "Mbese hari n'umwe mu bayobozi cyangwa mu Bafarisayo wabyemeye?" Abantu benshi babonye ko kurwanya ingingo zavugwaga zishingiye ku bihe by'ubuhanuzi bitoroshye, barwanyije kwiga ubuhanuzi, bakigisha ko ibitabo by'ubuhanuzi byafatanishijwe ikimenyetso kandi ko bidashobora gusobanuka. Abantu benshi biringiraga abapasitoro babo mu buryo bw'ubuhumyi, banze kumva umuburo; naho abandi nubwo bemeraga ukuri, ntibatinyukaga kukuvuga "batinya gucibwa mu rusengero." Ubutumwa Imana yohereje ngo bugerageze itorero kandi buriboneze, bwerekanye ku mugaragaro ukuntu abantu batagira ingano barunduriye imitima yabo ku by'isi mu mwanya wa Kristo. Imigozi yari ibahambiriye ku isi yari ikomeye cyane kuruta uko bari barangamiye ijuru. Bahisemo kumva ijwi ry'ubwenge bw'isi maze batera umugongo ubutumwa bw'ukuri bukora ku mutima. *Intambara Ikomeye*, p. 275. [2011]

Kumenya umurongo wose wo mu mateka ya Gihanuzi: Abasore bashaka kwiye gurira mu murimo wo kubwiriza ubutumwa, cyangwa se abamaze kuwirunduriramo, bose bakwiriye kumenya neza umurongo wose wo mu mateka ya gihanuzi. -*Gospel Workers*, p. 98. (1915).

Umucyo mwinshi umurika ku buhanuzi: Umucyo mwinshi uzamurika ku kuri kose gukomeye kuri mu buhanuzi, bityo uko kuri kuzagaragara ari gushya kandi kurabagirana, bitewe n'uko imyambi irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka izamurika kuri uko kuri kose.

⁴⁴¹ *Testimonies to Ministers*, p. 117, (1896).

⁴⁴² Aha uyu mubwiriza ntiyashatse ko Ellen G. White yandika izina rye mu gitabo. Abo Ellen G. White yabwiraga mu gihe cye bari bamuziranyeho.

⁴⁴³ *Letter 400*, 1906.

Mbese twizera ko tugeze mu gihe cy'akaga, ko turiho mu bihe biheruka rwose by'amateka y'isi? Mbese ntidukwiriye gukanguka nonaha kugira ngo dukore umurimo igihe turimo kiduhamagarira gukora, cyangwa se tuzategereza kugeza ubwo tuzagerwaho n'ibyo maze kubabwira? - *Manuscript 18, 1888.*

Ubuhanuzi bwamaze guhishurwa:-Uwiteka ashaka ko abantu bose basobanukirwan'ibyo mumbabazize akora muri iki gihe, bakabisobanukirwa muri iki gihe turimo. Nta mpaka ndende zigomba kubaho zivuga inyigisho nshya zerekeye ubuhanuzi Imana yamaze guhishurira abantu. Muri iki gihe, umurimo ukomeye abantu badakwiriye guteshukaho ni uw'uko buri wese yazirikana umutekano we imbere y'Imana. Mbese ibirenge byacu bihagaze ku rutare rw'iteka? Mbese twihishe mu buhungiro rukumbi dufite? Dore umugaru uraje kandi urakaze, uzanye uburakari. Mbese twiteguye guhangana na wo? Mbese turi umwe na Kristo nk'uko na we ari umwe na Se? Mbese turi abaragwa b'Imana kandi twifatanya n'abaraganwa na Kristo? Mbese mu mikorere yacu, dukorana na Kristo, dufatanya na we?⁴⁴⁴

Igisha inyigisho za Kristo:-Intumwa y'Imana yerekana inshingano ikomeye kandi yera y'umugabura wese w'ubutumwa bwiza. Abihanangiririza imbere y'Imana n'imbere y'Umwami wacu Yesu Kristo uzacira imanza abazima n'abapfuye, ngo babwirize Ijambo ry'Imana. Ntibakwiriye kandi kugira aho babogamira ku byerekeye ubuhanuzi n'ingingo zigibwaho impaka zo mu Byanditswe Byera, ahubwo inyigisho zikomeye cyane kandi z'ingenzi twahawe ni izo twahawe na Yesu Kristo ubwe. *Manuscript 13, 1888.*

KUTAVUGA UKURI KOSE ARIKO NTUTERE URUJIGO

Ibyokurya Bikomeye si ibyo Guhabwa Abana: Nimureke ukuri kuvugwe nk'uko kuri muri Yesu, umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, ufate bike hano n'ibindi bike hariya. Bwira abantu urukundo rw'Imana mu magambo yoroshye kumva. Ukuri kwa Bibiliya nikwigishwa mu mwuka w'ubugwaneza n'urukundo rwa Yesu kuzagira imbaraga ihindura abantu benshi.

Abantu benshi basanzeye umutsima w'ubugingo. Barataka bagira bati: "Mpa umutsima, wimpa ibuye. icyo nshaka ni umutsima." Nimugaburire abo bantu barimbuka kandi barembejwe n'inzara. Nimutyo abagabura bacu bazirikane ko ibyokurya bikomeye kurusha ibindi atari byo bigomba guhabwa abana batazi amahame y'ibanze y'ukuri nk'uko tukwizera. Mu gihe cyose cyagiye kibaho, Uwiteka yagiye agira ubutumwa bwihariye bugenewe abantu bo muri icyo gihe. Bityo rero, natwe dufite ubutumwa bugenewe abantu bo muri iki gihe. Ariko nubwo dufite ibintu byinshi twagombaga kuvuga, bishobora kuba ngombwa ko hari bimwe muri byo

⁴⁴⁴ *Manuscript 32a, 1896.*

twirinda kuvuga mu gihe runaka bitewe n'uko abantu batiteguye kubyakira uyu mwanya.⁴⁴⁵

Tegura Ubutaka Mbere yo Gutera Imbuto: Igihe mukorera umurimo mu turere dushya, ntugatekereze ko inshingano yawe ari uguhita ubwira abantu ngo: 'Turi Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi; twizera ko umunsi wa karindwi ari wo Sabato; ntitwizera kandi ko ubugingo budapfa. Ayo magambo ashobora guhinduka urukuta rukomeye cyane hagati yawe n'abo washakaga kugezaho ubutumwa. Uko uzajya ubona uburyo, babwire ku ngingo runaka z'amahame mushobora kumvikanaho. Tinda cyane ku kuntu kubaha Imana mu bigaragara ari ngombwa. Bahe ibimenyetso byerekana ko uri Umukristo ushaka amahoro kandi ko ukunda ubugingo bwabo. Reka babone ko uri umwiringirwa. Nibiba bityo, bazakugirira icyizere kandi hazabaho igihe gihagije cyo cyo kuganira ku mahame. Igarurire umutima w'umuntu, ubutaka butegurwe, maze ubone utere imbuto, kandi ubwirize ukuri nk'uko kuri muri Yesu mu mwukaw'urukundo.⁴⁴⁶

Irinde Kuziba Amatwi y'Abakumva: -Mu ijoro ryakeye ubwo nari ntsinziriye, narose inzozo nsa n'aho ndi mu iteraniro ndi kumwe na bene Data, duteze amatwi Uwavugaga afite ubutware. Yagize ati: "Hari abantu benshi bazitabira aya materaniro batagira icyo bazi rwose ku kuri kuzaba kwigishirizwa imbere yabo. Bazatega amatwi kandi bashishikarire kwita ku bivugwa bitewe n'uko Kristo ari we uzaba abireherezaho. Umutimanama wabo uzababwira ko ibyo bumvise ari ukuri kubera ko bishingiye kuri Bibiliya. Hakenewe ubwitonzi bukomeye cyane mu kwita kuri bene abo bantu.

Mu itangira, ntugahite ubwira abantu amahame yo mu kwizera kwacu akunze kugibwaho impaka. Nubigenza utyo, uzaziba amatwi yabo be kumva ibyo bintu bije ari ihishurirwa rishya kuri bo. Reka bene iyo migabane igize ukuri dutwaye bayibwirwe igihe bazaba bashobora kubyumva no kubyishimira. Nubwo byababera nk'inzaduka kandi bikabatangaza, abantu benshi bazakirana ibyishimo umucyo mushya uzaba urasira ku ijamba ry'Imana, mu gihe bamwe bajyaga kwigendera ubutazagaruka ukundi iyo ukuri kuvugwa ari kwinshi cyane ku buryo abantu batari gushobora kukwakira.⁴⁴⁷

Fata Bike aha n'Ibindi Bike Hariya: -Abantu bigishijwe ukuri hashingiye mu mahame n'ingeri zifatika bari bakwiriye kuzirikana abandi badafite icyo bazi ku Byanditswe Byera, uretse ibyo bamenyeye mu busobanuro butangwa n'abagabura babo n'abizera b'itorero, kandi bakiriye imigenzo n'imigani mihimbano maze bayifata nk'ukuri kwa Bibiliya. Batangazwa n'uko ukuri kwigishwa kuko kubabera nk'ihishurirwa rishya, bityo rero ntibashobora kwakira ukuri kose mu gukomera kwako igihe

445 *Review and Herald*, Oct. 14, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

446 *Gospel Workers*, p. 119, 120. (1915).

447 *General Conference Bulletin*, Feb. 25, 1895.

bakubwiwe uko kwakabaye mu mizo ya mbere. Usanga ibintu byose ari bishya ndetse ari n'inzaduka kandi bihabanye rwose n'ibyo bumvanye abagabura babo. Bityo rero usanga babogamira mu kwizera ibyo abagabura babo bababwiye ko Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi atari abiringirwa ndetse ko batizera Bibiliya. Nimureke ukuri kwigishwe abantu nk'uko kuri muri Yesu. Igisha umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, ufate bike kuri iyi ngingo n'ibindi bike kuri iriya.⁴⁴⁸

Igisha Ingingo Imwe mu Mwanya Umwe: Abigisha b'Ijambo ry'Imana ntibakwiriye kwirengagiza inama n'imwe mu zo bahawe n'Imana kabone n'ubwo kaba ari agace kayo. Nibazikerensa bizatuma abantu bahera mu bujiji be kumenya inshingano yabo kandi be gusobanukirwa n'ubushake bw'Imana kuri bo, ndetse bazagwaguza kandi bagwe mu irimbukiro. Ariko igihe umwigisha w'ubutumwa bw'ukuri abaye indahemuka mu kubwiriza ubutumwa bwiza, mureke ye gusukiranya ibintu byinshi abantu badashobora gusobanukirwa bitewe n'uko biba ari bishya kuri bo kandi bigoye gusobanukirwa. Fata ingingo imwe mu gihe kimwe, maze uyisobanure neza uvuge buhoro buhoro udasukiranya amagambo kandi mu ijwi ryumvikana. Vuga neza ku buryo abo ubwira bazashobora kubona isano iri hagati y'iyi ngingo n'ukundi kuri kw'ingenzi

Umubwiriza ubwe nyihisha muri Kristo, bizaba biruhije ko yatuma mu mitima y'abashaka ukuri nk'ubutunzi buhishwe habamo urwikekwe, kuko nyihisha muri Kristo, azagaragaza Kristo, si umubwiriza ubwe uzigaragaza.⁴⁴⁹

Mujye mwibanda ku kuri kubaka: Ntimugatinde ku ngingo zitubaka ziri mu bibazo bivuka, ahubwo ukuri kubaka abe ari ko mushyira mu ntekerezo zanyu kandi mukore ku buryo zihashinga imizi kubwo kwiga ijamba ry'Imana cyane no gusenga mushyizeho umwete ndetse mwitanze mu mitima. Muboneze amatara zanyu kandi akomeze kwaka; maze mureke umucyo urabagirana umurike, kugira ngo abantu nibabona imirimo zanyu myiza, bahereke bahimbaze Data wa twese uri mu ijuru.

Umwigisha Mukuru yari afite mu ntoki ze imbonerahamwe yose y'ukuri, ariko yose ntiyayihishuriye abigishwa be. Yababwiraga gusa za ngingo yabonaga ko ari ingenzi mu kuja mbere kwabo mu nzira igana mu ijuru. Hariho ibintu byinshi mu bwenge bwe yahitagamo guceceka ntabivuge. Nk'uko Kristo hari ibyo yirinze kubwira abigishwa be ba mbere kubera ko yari azi ko batashoboraga kubisobanukirwa, ni nako muri iki gihe hari ibyo ataduhishurira kuko azi ubushobozi bwacu bwo kubisobanukirwa.⁴⁵⁰

IMFASHANYIGISHO ZIGISHA ABANTU UKURI

Imigani ya Kristo n'Imvugoshusho ze:-Dukwiriye gushaka uko dukurikiza rwose urugero rwa Kristo, we Mushumba mukuru, tugakora

448 Undated Manuscript 79.

449 Manuscript 39, 1895.

450 Review and Herald, April 23, 1908. [Urwibuto n'Integuza].

nk'uko yakoranaga n'itsinda rito ry'abigishwa be, agafatanya na bo ndetse na rubanda, bakiga Ibyanditswe byo mu Isezerano rya kera. Umurimo we ntiwari uwo kubwiriza gusa, ahubwo yawufatanyaga no kwigisha abantu. Ubwo yanyuraga mu midugudu, yabonaniraga n'abantu mu ngo zabo, akabigisha kandi akabakenura mu byo babaga bakennye. Ubwo imbaga y'abantu babaga bamukurikiye yiyongeraga, iyo yabaga ageze ahantu heza, yaganiraga na bo, akoroshya ibibwirizwa bye akoresheje imigani n'imvugoshusho.⁴⁵¹

Amakarita n'Ibishushanyo Bikwiriye Gukoreshwa:-Mwize byinshi ku byerekeye uko mwatuma ukuri gutera abantu ubwuzu, kandi amakarita n'ibishushanyo mwakoze bihuje rwose neza n'umurimo ugomba gukorwa. Ayo makarita n'ibishushanyo ni imfashanyigisho abantu bigiraho. Mwashyize imbaraga nyinshi z'ibitekerezo mu murimo wo gutunganya izo mfashanyigisho z'agahebuzo. Kandi zigira akamaro cyane igihe muzereka abantu mwigisha ukuri. Uwituka akoresha izo mfashanyigisho kugira ngo akore ku mitima y'abantu. Nahawe amabwiriza yumvikana neza kandi yihariye ko amakarita n'ibishushanyo bikwiriye gukoreshwa mu gihe ukuri kwigishwa. Kandi izo mfashanyigisho zikwiriye kurushaho gukoreshwa mu buryo bukora ku mitima hifashishijwe amagambo agaragaza akamaro ko kumvira Imana.⁴⁵²

Ubuhanuzi Bwigishijwe Hifashishijwe Amakarita n'Ibishushanyo Biciriritse: Gukoresha amafishi n'ibishushanyo bigira umusaruro mwinshi mu gusobanura ubuhanuzi bwerekeye igihe cyashize, igihe turimo n'igihe kizaza. Ariko rero tugomba gukora uko dushoboye kose kugira ngo umurimo wacu utworohere kandi we gutwara amikoro menshi. Ukuri kugomba gusobanurwa mu mvugo yoroheje. Nta na rimwe tugomba gukurikiza urugero rwo kwiyerekana inyuma twigana ab'isi.⁴⁵³

Imikoreshereze Myiza y'Ibikoresho Bikwiriye:- Umukuru S. arakorana umuhati mu ivuna muri Oakland Yabambye ihema rye hagati mu kibanza cy'aho ivuna ribera kandi yabonye abantu benshi bamutega amatwi birenze uko twari tubyiteze.

Mwene Data S. ni umubwirizabutumwa w'umuhanga. Avugana kwiyoroshya nk'uk'umwana muto. Nta na rimwe aya azana imvugo nyandagazi mu bibwirizwa bye. Ibyo abwiriza abikura mu Ijambo ry'Imana mu buryo butaziguye, maze akareka Ijambo rikivuganira n'abantu b'ingeri zose. Ingingo zikomeye atanga ni amagambo akura mu Isezerano rya Kera no mu Isezerano Rishya. Ntabwo ashakisha amagambo yakwemeza abantu ubuhanga bwe gusa, ahubwo yihatira kureka Ijambo ry'Imana rikavugana nabo mu magambo ataziguye, yumvikana kandi yihariye. Niba hari uwanga kwemera ubutumwa bwe, aba yanze Ijambo ry'Imana.

⁴⁵¹ Letter 192, 1906.

⁴⁵² Letter 51, 1902.

⁴⁵³ Manuscript 42, 1905.

Mwene Data S. yibanda by'umwihariko ku buhanuzi bwo mu gitabo cya Daniyeli n'Ibyahishuwe. Afite imfashanyigisho zigizwe n'amashusho manini yerekana inyamaswa zivugwa muri ibyo bitabo byombi. Izo nyamaswa zishushanyije ku mpapuro zabigenewe kandi bikoranywe ubuhanga, zikwiriye kuzanwa imbere y'abantu mu gihe gikwiriye. Kubw'ibyo rero, igihe abwiriza abantu ukuri atuma bita kubyo yigisha. Binyuze mu muhati we, abantu ibihumbi byinshi bazarushaho gusobanukirwa Bibiliya kuruta uko bari barigeze kuyisobanukirwa, kandi turiringira ko abantu benshi bazahinduka.⁴⁵⁴

Ihame Ryiza mu Myigishirize:-Umuhati w'Umukuru S. unyibutsa umuhati wakoreshejwe mu murimo guhera mu 1842 ukageza mu 1844. Akoresha Bibiliya, ndetse Bibiliya yonyine kugira ngo agaragaze ukuri kw'ibyo avuga. Avuga yeruye ati: "Uko ni ko Uwiteka avuga." Bityo rero, iyo hagize urwanya amagambo ye, amubwira yeruye ko adakwiriye guhangana nawe ko ahubwo ahangana na "ni ko Uwiteka avuga."

Umukuru S. afite amashusho y'inyamaswa n'ibimenyetso bivugwa muri Daniyeli no mu Byahishuwe, kandi ibyo byerekwa abantu igihe gikwiriye kigeze kugira ngo asobanure neza ibyo avuga. Nta jambo na rimwe ritewe n'uburangare cyangwa ritari ngombwa ryigera risohoka mu kanwa ke. Avuga ashize amanga kandi yeruye. Abantu benshi mu bamuteze amatwi ntibigeze bumva ibibwirizwa nk'ibyo. Ntibagaragaza umwuka wo kwiyoroshya mu mutima, ariko iyo ubarebye ubona basa n'abakabakabwe rwose.⁴⁵⁵

Abagatulika Barehejwe n'Ibimenyetso: Umukuru S. ariho aratera benshi kwita ku butumwa akoresheje amateraniro ayoboye. Abantu b'ingeri zose baza kumwumva, no kureba amashusho manini angana n'ay'inyamaswa nzima zivugwa mu Byahishuwe. Abagatulika benshi cyane baza kumwumva.⁴⁵⁶

Uburyo Bukwiriye Gukoreshwa mu Murimo Uheruka: Nshimishwa n'uburyo mwene Data (Umukuru S.) yakoresheje ubuhanga n'ubushishozi yerekana imfashanyigisho zikwiriye ku ngingo yigishagaho. Ni imfashanyigisho zifite imbaraga yemeza imitima. Bene ubwo buryo buzashaho gukoreshwa muri uyu murimo uheruka.⁴⁵⁷

Abasore biga Uburyo bwo Kwigisha Ukuri Kuvugwa Hifashishijwe Ibimenyetso: -Uwiteka yakoranye n'umukuru S. maze amwigisha uburyo bwo kugeza ku bantu ubu butumwa bw'umuburo uheruka. Uburyo akoresha bwo gutuma amagambo ya Bibiliya ubwayo ahamya ukuri kugenewe iki gihe, ndetse n'uko akoresha ibimenyetso byanditswe mu Byahishuwe na Daniyeli, ubwo buryo butanga umusaruro. Nimutyo abasore bige icyo ukuri ari cyo n'uburyo gukwiriye kwigishwa abandi. Turi mu

454 Letter 326, 1906

455 Letter, 350, 1906.

456 Letter 352, 1906.

457 Manuscript 105, 1906.

minsi iheruka y'intambara ikomeye; kandi ukuri konyine ni ko kuzatuma tuba amahoro muri iki gihe cy'akaga. Umukuru S. akwiriye gutegurirwa inzira kugira ngo atange ubutumwa kandi abasore bacu bakwiriye kwitabira amateraniro ye ya nimugoroba.⁴⁵⁸

Abakozi Bakwiriye Gutegura Imfashanyigisho: -Nimutyo abakozi bakorera Imana bagaragaze ubuhanga n'impano, kandi ubwabo bakore imfashanyigisho bifashisha mu kugeza umucyo ku bari hafi n'abari kure. . . . Igihe cyagiye gipfushwa ubusa, kandi amahirwe y'agaciro kenshi ntiyagiye abyazwa umusaruro bitewe n'uko abantu bagiye Babura imirebere itunganye mu by'umwuka, kandi ntibagiye baba abanyabwenge mu gutegura no gushaka uburyo n'inzira bakoresha ngo bite ku turere tuvugirwamo ubutumwa mbere y'uko umwanzi atwigarurira.⁴⁵⁹

Imfashanyigisho Zigisha, Atari izo Kurangaza Abantu.-Kubwo gukoresha amakarita, ibimenyetso n'izindi mfashanyigisho zitandukanye, umugabura ashobora gutuma ukuri yigisha kumvikana neza. Ubu buryo burafasha kandi buhuje n'Ijambo ry'Imana. Ariko igihe umukozi atumye ibyo akora bisaba amikoro menshi ku buryo abandi badashobora kubona amikoro yo kubunganira mu murimo avuye mu mutungo, bene uwo ntabwo aba akora ahuje n'umugambi w'Imana.

Umurimo ukorwa mu mijyi minini ugomba gukorwa hakurikijwe gahunda Kristo yakoresheye, aho gukurikiza uburyo bukoreshwa mu ikinamico. Ntabwo gukoresha uburyo bw'ikinamico ari byo bihesha Imana icyubahiro, ahubwo kwigisha ukuri mu mwuka w'urukundo rwa Kristo ni byo biyihesha ikuzo.⁴⁶⁰

UDUTEKEREZO, INKURU, AMASHYENGO N'URWENYA

Uhagarariye Kristo:-Umugabura w'ubutumwa bwiza ukorana n'Imana, buri muni azajya yigira mu ishuri rya Kristo...Nta magambo y'ubusabusa cyangwa se amanjwe azasohoka mu kanwa ke. None se si umukozi uhagarariye Kristo, umukozi uhutse ubutumwa mvajuru abushyiriyemo abarimbuka? Urwenya rwose, amashyengo n'amagambo y'amanjwe bene ayo yose ababaza umwigishwa wa Kristo wikoreye umusaraba. Ahora aremerewe n'umutwaro yikoreye kubera ubugingo bw'abantu. Umutima we uhora wimbitse mu isengesho asaba Imana kumuha impano y'ubuntu bwayo kugira ngo abashe kuba igisonga gikiranuka. Asaba kugira ngo arindwe, ahore aboneye kandi yejeje, bityo abashe kwanga kwishora mu bishuko.

Yumvira itegeko rivuga ngo: "Ahubwo nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose, kuko byanditswe ngo: 'Muzabe abera kuko ndi uwera.' (1 Petero 1:15).... Kubwo guhora hafi ya Shebuja, Shebuja amuha amagambo yo kubwira abantu. Ajya hirya no

⁴⁵⁸ Letter 349, 1906.

⁴⁵⁹ Review and Herald, March 24, 1896. [Urwibutso n'integuza]

⁴⁶⁰ Testimonies, vol. 9, p. 142. (1909) [Ibhamya].

hino akora ibyiza, azahura abantu nk'uko Kristo yabigenzaga, akunda abantu nk'uko Kristo abakunda kandi akora nk'uko Kristo yakoraga. Yihatira gukora uko ashoboye kose kugira ngo agire icyo yiyungura, kugira ngo kubwo amahame akurikiza n'urugero atanga abashe kuyobora abandi ku mibereho iboneye, iri mu rwego rwo hejuru kandi y'ubupfura.⁴⁶¹

Siga Abantu Bakozwe ku Mutima Rwose: -Abagabura ntibakwiriye kubwiriza ibitekerezo by'abantu, cyangwa ngo bace imigani mihimbano, cyangwa ngo bigane ikinamico, cyangwa ngo bibonekeze; ahubwo bagomba kubwiriza Ijambo ry'Imana nk'abari imbere yayo n'imbere y'Umwami Yesu Kristo Ntibakwiriye kuzana amagambo y'amatakaragasi mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, ahubwo nimutyo babwirize Ijambo ry'Imana mu buryo buzatuma ababumva basigara bakozwe ku mitima.⁴⁶²

Tera Abashyitsi Gukorwa ku Mitima kubw'Imiterere y'Ukuri: -Ubushake bw'Imana ni uko imigabane yose y'umurimo wayo yacungwa mu buryo burimo gahunda, bikaba uburyo buzakora ku mitima y'abashyitsi bashobora kwitabira [amateraniro] kimwe n'abasanzwe bayitabira. Ikwiriye kubasigira isura nziza yubahwa y'ukuri ndetse n'ububasha bwako bwo kweza imitima.

Imana mu buntu bwayo itera abantu kwitabira amateraniro yacu makuru no muri gahunda z'itorero zo kuramya. Bamwe bazanwa n'amatsiko bafite, abandi nabo bakazanwa no guhinyura no kunenga. Akenshi iyo baje bemezwa iby'icyaha. Ijambo rivuganywe umwuka w'urukundo ribatinda ku mutima. Mbega ukuntu ayo materaniro yagombye kuyoborana ubwitonzi! Amagambo ahavugirwa agomba kuba afite ububasha, kugira ngo Umwuka Wera ashobore gukora ku mitima yabo. Umubwiriza uyoborwa n'Umwuka w'Imana aba afite icyubahiro cyera kandi amagambo ye aba ari impumuro izana ubugingo. Nimureke he kugira ibyitegererezo bidakwiriye cyangwa imigani mihimbano byinjizwa mu kibwirizwa. Mureke amagambo yose avugwa abe ayo kumurikira abayumva.⁴⁶³

Ingero Kristo Yakoresheye: -Yatangaga ubutumwa bw'imbabazi bunyuranye kugira ngo buhuze n'abamutegeraga amatwi. Yari azi "gukomeza abacitse intege" Ezayi 50:4 [Bibiliya Ijambo ry'Imana]; kubera ko iminwa Ye yari isagijweho imbabazi kugira ngo amenyeshe abantu ubutunzi bw'ukuri mu buryo bubamureherezaho kurusha ubundi bwose. Yari afite ubuhanga bwo gusanga abantu basanganywe imyumvire itari ukuri, maze bagatangazwa n'ingero n'imfashanyigisho yatangaga zabareshyaga zikabamwerekezaho. Yashyikiraga umutima w'umuntu binyuze mu byo uwo yibaza. Yakuraga imfashanyigisho mu bintu biboneka mu mibereho ya buri muni, kandi nubwo byabaga ari ibintu biboroheye kumva, byabaga bifite ubusobanuro bwimbitse cyane mu buryo butangaje. Inyoni zo mu kirere, uburabyo bwo mu bisambu, imbuto, umwungeri n'intama, ni byo

461 *Review and Herald*, Jan. 21, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

462 *Review and Herald*, Sept. 28, 1897 [Urwibutso n'Integuza].

463 *Letter* 19, 1901.

Kristo yifashishaga kugira ngo agaragaze ukuri guhoraho, kandi iyo nyuma yaho abamwumvise bagiraga amahirwe yo kongera kubibona, bibukaga amagabo Ye. Imfashanyigisho Kristo yakoreshaga zahoraga zisubiriramo abantu ibyigisho Bye.⁴⁶⁴

Gutesha Agaciro Ubutumwa: Ntabwo dushaka kwirengagiza ukwera kudasanzwe kw'iyi nshingano haba mu magambo dukoresha n'amahame twigisha igihe tugabura Ijambo ry'Imana. Ntidushaka kwibagirwa agaciro kayo mu magambo no mu mahame igihe turiho tubwiriza abantu. Umurimo w'umugabura ni uwo kubwira abantu amagambo y'ukuri, akabagezaho ukuri gukomeye kandi kwera. Abantu bamwe bagira ingeso yo gukoresha inkuru mpimbano n'amashyengo mu bibwiriza byabo. Ibyo bikunze kuganisha abantu mu kwishimisha gusa ndetse bigakura mu ntekerezo z'abateze amatwi ukwera kw'Ijambo ry'Imana babwirizwa. Bene abo babwiriza bakwiriye kuzirikana ko batari kugaburira abantu Ijambo ry'Uwiteka. Iyo ingero zibaye nyinshi nazo ntizigira icyo zihindura mu bantu uko bikwiriye; ahubwo zitesha agaciro icyubahiro cyera cyagombaga gukomeza kugaragara igihe Ijambo ry'Imana ryagezwaga ku bantu.⁴⁶⁵

Indyo Nkene: Hariho abantu bahagarara ku ruhimbi ari abashumba b'umukumbi, bakavuga ko bariho bagaburira umukumbi nyamara intama ziri kwicwa n'inzara kubera kubura umutsima w'ubugingo. Baba bateguye ibibwirizwa birebire cyane, ahanini biba bigizwe no kubara inkuru mpimbano n'amashyengo; nyamara imitima y'ababateze amatwi ntikorweho. Amarangamutima ya bamwe ashobora kugerwaho ndetse bakaba basuka amarira, ariko imitima yabo itamenetse. Umwami Yesu aba yicaye mu iteraniro igihe abo babwiriza bariho babwiriza abantu izo ngirwakibwirizwa, ariko amagambo yabo aba abuze ikime n'imvura biva mu ijuru. Abo babwiriza baba berekana ko abantu babiri bejeshejwe amavuta bavugwa muri Zekariya (reba igice cya 4) batabasize kugira ngo na bo babashe kugaburira abandi. Igihe abasinze amavuta bayivanyeho bayanyuza mu mpombo z'izahabu, ayo mavuta y'izahabu abasohokamo akajya mu nzabya z'izahabu. Ntahagarariraho, ahubwo arakomeza akajya mu matara, ari yo matorero. Uyu ni umurimo w'umugaragu w'Imana ihoraho, umugaragu nyakuri kandi witanze. Uwiteka Imana yo mu ijuru ntishobora kwemera ibintu byinshi bizanwa ku ruhimbi n'abantu biyitirira ko bavuga ijambo ry'Uwiteka. Ntibacengeza ibitekerezo bizabera ababumva umugisha. Ahubwo batereka indyo nkene imbere y'abantu.⁴⁶⁶

Umuriro Udakwiriye: Umugambi w'umurimo wanyu w'ivugabutumwa si ukwishimisha no gushimisha abantu. Ntabwo ari ugutanga amakuru yonyine, kandi ntabwo ari uburyo bwo kwemeza intekerezo z'abantu. Kubwiriza Ijambo ry'Imana bikwiriye gukora mu ntekerezo kandi bigatanga ubumenyi, nyamara kandi birenze ibi. Umutima w'umubwiriza ukwiriye gukabakaba imitima y'abamuteze amatwi. Ababwiriza bamwe

464 *Uwifuzwaga Ibihe Byose*, p. 163.

465 *Review and Herald*, Feb. 22, 1887. [Urwibutso n'Integuza].

466 *Testimonies to Ministers*, pp. 336, 337. (1896).

batoye uburyo bwo kubwiriza budafite ireme ngo bugire icyo buhindura mu bantu

Igihe umugabura avanga ibitekerezo bihimbano mu bibwirizwa bye aba akoresha umurimo udakwiriye . . . Imbere yawe haba hari abantu bafite intekerezo zitandukanye ugomba kugezaho ijambo, bityo rero igihe wigisha Ijambo Ryera, ukwiriye kugaragaza umwete no kubaha. Reka guha akito ikinegu ngo abantu babone ko uri umubwiriza aho abandi babuze, uca ukuri hejuru. Vana inkuru mpimbano mu bibwirizwa byawe. Bwiriza Ijambo ry'Imana. Iyaba warahoraga ubwiriza Ijambo ry'Imana, uba warasaruye imiba myinshi ukayishyira Shobuja. Biragaragara ko udasobanukiwe bihagije n'ubukene bukomeye bw'ubugingo bw'abantu ndetse n'icyo bifuza. Bamwe muri bararwana no gushidikanya, bari hafi yo kwiheba ndetse barenda kureka ibyiringiro ...

Iyo abahagarariye Imana bamanutse bakajya gukoresha amagambo y'amanjwe, ibyo bikoza Imana isoni. Umurimo wo kwamamaza ukuri urasuzugurika. Abantu barebera ku muntu bumvise avuga maze bagacira urubanza umurimo wose wo kwamamaza ubutumwa bwiza bityo umwanzi w'ukuri akarushaho gucengeza ibinyoma bye bikomeye.⁴⁶⁷

Abantu Basonzeye Umutsima w'Ubugingo:-Inkuru zawe zigumanire. Ntabwo ubugingo bw'abantu busonzeye izo nkuru, ahubwo basonzeye umutsima w'ubugingo, basonzeye ijambo ryahozeho kandi rihoraho iteka ryose. Mbese umurama ni iki uwugereranyije n'ingano?⁴⁶⁸

Amanjwe Akuraho Umutwari w'Umutima Wemejwe:- Nyuma y'uko umurimo mwiza uba wakozwe, abantu baba bakanguwe bakibonaho icyaha baba bakwiriye kwigishwa uko bisunga ukuboko k'Uwiteka. Ariko iyo uko gukorwa ku mitima kwabayeho kudakurikiranwe mu muhati nyakuri kandi udacogora, nta cyiza gihoraho kigerwaho. Igihe kwifuza gushimisha abantu biteshuye intekerezo z'abantu ku guhanga amaso ibintu bikomeye byo kwitabwaho, umusaruro uvamo ushobora gutandukana n'uware utegerejwe. . . .

Amagambo yo kwishimisha no gusetsa gusa ntakwiriye kuvangwa n'inyigisho zo mu Byanditswe Byera. Iyo ibyo bikoze, abateze amatwi baba bashimishijwe n'amagambo y'ubupfapfa batakaza umutwari bari bafite wo gutsindwa [kw'imitima yabo]. Amahirwe bari bafite arabacika ku buryo nta n'umwe ukururwa n'imirunga y'urukundo imujyana ku Mukiza.⁴⁶⁹

Kubaturwa ku Mvugo Zisanzwe n'Amashyengo:-Ubutumwa bw'ukuri bukwiriye kuvugwa uko buri ntiburangwemo amagambo asanzwe yahimbwe n'abantu. Nibigenda bityo, imitima y'abantu izakorwaho mu buryo bukomeye. Nimureke ababwirizabutumwa bacu be kwizirika ku

⁴⁶⁷ Letter 61, 1896.

⁴⁶⁸ Letter 61, 1896.

⁴⁶⁹ Manuscript 83, 1901.

gitekerezo kivuga ko bagomba kuzana udushya n'ibintu by'inzaduka, cyangwa ngo bibwire ko imvugo zisanze n'amashyengo ari byo bizabashobora gukora ku mitima. Abavugabutumwa bagomba kuba abavugizi b'Imana kandi bakwiriye gukura imvugo yose isanzwe n'amashyengo mu bibwirizwa byabo. Bakwiriye kwitonda ntibagerageze gusetsa abantu mu bibwirizwa byabo, nibitaba bityo bazisanga basuzuguzwa Imana.

Ubutumwa bwacu ni ubutumwa bukomeye kandi bwera, bityo rero tugomba kuba maso dusenga. Amagambo tuvuga agomba kuba ateye ku buryo Imana iyakoreramo maze igakora ku mitima y'abantu no ku ntekerezo zabo. Nimutyo abagabura b'ubutumwa bwiza bereshwe ukuri.⁴⁷⁰

IBIPIMO BIPFUYE N'INGERO ZASHYIZWEHO N'ABANTU

Igisha Abantu Ukuri Shingiro.-Haba mu magambo ndetse n'amahame, abantu bategurirwa kuzakora umurimo bakwiriye kuba bashikanye rwose mu kuri mbere y'uko bahabwa uburenganzira bwo kujya kwigisha abandi. Ukuri kuboneye, kandi kutavangiye ni ko kugomba kwigishwa abantu. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu ni bwo bushungura abantu mu buryo nyakuri. Satani azoshya abantu ngo bahimbe ibipimo bipfuye, kandi kubw'ibyo ashake uko yatwikira agaciro k'ubutumwa bw'ukuri n'uko yatuma budatanga umusaruro.

Amategako y'Imana yabaye nk'aho ahindurwa ubusa ku isi yose, ni yo kuri gushungura kugenewe iki gihe turimo. ... Igihe kiraje ubwo abantu bose basenga Imana bazagaragazwa n'iki kimenyetso. Iki kimenyetso kigaragaza kumvira Imana kwabo nicyo bazamenyekaniraho ko ari abagaragu b'Imana. Ariko ibipimo byose byakozwe n'abantu bizateshura intekerezo ku mahame akomeye kandi y'ingirakamaro agize ukuri kwagenewe ab'iki gihe.

Icyifuzo n'umugambi bya Satani ni ibyo kwinjiza muri twe abantu bazaba abahezanguni, abantu bafite ibitekerezo bigufi, abantu bajora kandi batava ku izima mu gukomera ku bitekerezo byabo birebana n'icyo ukuri gusobanuye. Bazaba abantu bahora basaba ibigomba gukorwa, kandi bashake uko bashimangira inshingano zidakebakeba, ndetse bakuririze ingingo zidakomeye cyane nyamara birengagiza ingingo ziremereye cyane zo mu matageko y'Imana, ari zo: Ubutabera, imbabazi n'urukundo rw'Imana. Bitewe n'imikorere ya bamwe mu bagize iri tsinda ry'abantu, itsinda rigari ryose ry'abubahiriza Isabato rizafatwa ko ari irya gifarisayo ndetse n'abaka. Bitewe na bene abo bakozi, umurimo wo kwigisha abantu ukuri uzatekerezwa ko udakwiriye kwitabwaho.

Imana ifite umurimo udasanzwe ishaka ko abantu bafite ubunararibonye bakora. Bagomba kurinda umurimo w'Imana. Bagomba kubona ko umurimo w'Imana utaragijwe abantu bumva ko ari amahirwe yabo gukora uko babyumva bagendera ku mitekerereze yabo bwite, kubwiriza ibyo ari

⁴⁷⁰ Letter 356, 1906

byo byose bibashimishije, no kumva ko ntawe ugomba kubabaza ibyerekeye ibyo bigisha cyangwa umurimo bakora. Nitureka uyu mwuka wo kumva ko umuntu yihagije ugakorera muri twe, nta guhuza mu bikorwa kuzabaho, nta n'ubumwe mu mwuka buzabaho, umurimo ntuzagira umutekano, kandi umurimo ntuzakura neza. Hazabamo abigisha b'ibinyoma, abakozi babi bazacengeza ikinyoma, maze bagateshura abantu mu kuri. Kristo yasabye Se ngo abayoboke be babe umwe nk'uko na we ari umwe na Se, Abifuza kubona iri sengesho risubizwa, bakwiriye gushaka uko bagwabiza umwuka mubi uko waba ungana kose ugamiye kubiba amacakubiri, kandi bakagerageza gusigasira umwuka w'ubumwe n'urukundo muri bene Data.⁴⁷¹

Imigani Migufi Mihimbano- Nta Gaciro Ifite: Ntabwo tugomba kugeza irarika ku bantu bamaze kwakira ukuri kandi bagusobanukiwe, abantu bakubwiwe incuro nyinshi kugeza ubwo ukuvuga atekereza ko agomba kuzana ikintu gishya cy'umwimerere. Yongeramo imigani migufi y'imihimbano idafite agaciro. Iyo ni yo azana imbere y'abantu nk'ibihamya Imana yamuhaye, mu gihe Satani ari we wayihimbye kugira ngo ayobye ubwenge bw'abantu buve ku bihamya nyakuri Imana yatanze.⁴⁷²

Ibipimo Bishya kandi by'Inzaduka Bizanwa n'Umuntu: Nta muntu ukwiriye kwica ukuri urubozo ashyira ku Ijambo ry'Imana inyigisho zirimo ubwiru kandi zitera urujijo mu bantu. Ni muri ubwo buryo abantu bamwe bari mu kaga ko guhindura ukuri kw'Imana mu ikinyoma. Hariho abantu bazemerera Umwuka w'Imana ngo akore ku mitima yabo. Ubwo ni bwo ubutumwa bugenewe iki gihe buzabahindukira umutwaro bagomba kwikorera. Ntibazashakisha ibipimo byahimbwe n'abantu, cyangwa ngo bashake ibintu bishya by'inzaduka. Isabato yo mu itegeko rya kane ni yo gipimo kigenewe iki gihe, kandi ibintu byose bifitanye isano n'urwo rwibutso rukomeye bikwiriye gushyirwa imbere y'abantu.⁴⁷³

Kubaturwa ku Bitekerezo bya Kimuntu: Umurimo w'Imana ni umurimo ukomeye. Hakenewe abantu b'abanyabwenge bagomba kurinda ngo amahame ya Bibiliya atinjirwamo n'agace gato k'amabwiriza y'ab'isi. Umukozi wese arageragezwa. Pawulo avuga iby'abazana ibiti, ibyatsi cyangwa ibikenyeri ku rufatiro. Ibi birerekana abantu bazana ibyo bita ukuri nyamara atari ukuri, ahubwo ari ibyo bibwira n'ibyo bihimbiye. Bene abo bantu nibakizwa, bizasa n'aho barokowe umuriro bitewe n'uko batekerezaga ko bakora ibihuje n'Ijambo ry'Imana. Bazaba bameze nk'umushimu ukuwe mu muriro.

Umurimo wagombaga kuba uboneye, ugeze mu rwego rw'ikirenga kandi wubahwa, wagiye uvangwamo ibihimbano byazanywe n'abantu. Uko ni ko ubwiza ukuri gufite bwagiye bwangizwa. Nta kintu gisigara kitandujwe no kwikanyiza. Kubwo kuvanga ibyo bihimbano mu murimo w'Imana,

471 *Review and Herald*, May 29, 1888, [Urwibutso n'Integuza].

472 *General Conference Bulletin*, March 16, 1901.

473 *Undated Manuscript* 111.

ibyajyaga kugaragara neza kandi bigasobanuka imbere y'ab'isi, bihinduka uruvangitirane rw'amahame avuguruzanya mu mikorere yayo ifatika.⁴⁷⁴

Bwiriza Ijambo ry'Imana: Mfite amagambo nshaka kubwira abasore bahoze bigisha abantu ukuri. *Nimubwirize Ijambo ry'Imana.* Mushobora kuba mufite ibitekerezo bihimba ibintu bishya. Mushobora kandi kuba muri inzobere mu guhimba inyigisho nshya nk'uko abigisha b'Abayuda bari bameze; ariko Kristo yarababwiye ati: "Bansengera ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu." Matayo 15:9. Bigishaga abantu imigenzo, ibyo bitekerereza, n'imigani mihimbano y'uburyo bwose. Imigenzo n'imihango bategekaga abantu gukora byatumye abantu badashobora kumenya niba bagendera mu Ijambo ry'Imana cyangwa niba barikurikiriraga imigenzo y'abantu.

Iyo Satani ashoboye gutera urujijo mu bantu atyo arishima cyane. Nimutyo he kugira umugabura ubwiriza ibyo yitekerereza. Mureke bashakashake mu Byanditswe Byera bashyizeho umwete, bazirikane ko igihe bigishije ibintu bitari mu Ijambo ry'Imana babyita amahame, bazamera nk'abantu bavugwa mu gice giheruka cy'igitabo cy'Ibyahishuwe.

Nimureke abantu bagerageza kwijandika mu nyigisho z'impimbano bimbike hasi cyane mu birombe by'ukuri ko mu ijuru, maze bibonere ubutunzi busobanuye ubugingo buhoraho ku babwakira. Ubutunzi bw'agaciro kenshi buzabonwa n'abiga Ijambo ry'Imana bashyizeho umwete, kuko abamarayika bo mu ijuru bazajya babayobora mu bushakashatsi bwabo.⁴⁷⁵

Igihe Abantu Babohesha Ubudodo Bwakoze n'Abantu: Igihe abantu batangiye kuboha bakoresheje indodo za kimuntu kugira ngo bakore urushundura, ntabwo Uwiteka ahagoboka hutihuti. Arategereza kugeza ubwo abantu bazarambika hasi ibihimbano byabo maze bakemera kunyura mu nzira y'Uwiteka no gukurikiza ubushake bwe.⁴⁷⁶

Kwagura Isi Ikaba Nini: Mbega ukuntu hari abantu benshi bashoboraga gukora umurimo w'igitangaza mu mwuka wo kwiya no kwitanga, ariko bakaba bahugiye mu bintu by'agaciro gake byo mu buzima! Barahumye, kandi ntibashobora kureba kure. Ku ruhande rumwe isi bayihindura akantu kangana urwara, maze n'akantu gato cyane bakakagira kanini kakangana n'isi. Bahindutse utugezi tugufi kubera ko badaha abandi ku mazi y'ubugingo.⁴⁷⁷

Ubutumwa Bwadindijwe n'Abantu Batsimbarara ku Myumvire Yabo Gusa: Mu itorero rya [.....] harimo abantu bafite impano y'agaciro kenshi, ariko Imana ntiyashoboraga gukoresha abo bene Data batarabanza guhinduka. Harimo bamwe bafite ubushobozi bwo gufasha itorero, ariko

474 Letter 3, 1901.

475 Undated Manuscript 111.

476 Letter 181, 1901.

477 Manuscript 173, 1898.

bari bakeneye kubanza gutunganya imitima yabo ikagendera muri gahunda. Bamwe muri bo bagiye bazana mu itorero ibipimo bihimbiye ubwabo, ndetse ibitekerezo byabo bwite n'ibyo bazi bakabigira ibishingirwaho, bagakuririza ingingo zoroheje maze bakazigira ibipimo basuzumiraho Abakristo bagenzi babo, maze bagahambira imitwaro iremereye ku bandi. Uko ni ko umwuka wo kunenga, gushaka amakosa ku bandi n'amakimbirane winjiye maze ukomeretsa itorero bikomeye. Iyo myitwarire yatumye abatizera bafata ko Abadiventisite bubahiriza Isabato ari agatsiko k'abaka n'abahezanguni, kandi ko ukwizera bihariye kwabagize abantu batagira impuhwe kandi badasabana, ndetse mu by'ukuri mu mico yabo atari Abakristo. Uko ni ko imikorere y'abahezanguni bamwe yabujije ukuri kugera ku bantu.

Bamwe bashyiraga imbere ikibazo cy'imyambarire, bakanenga imyambaro y'abandi, ndetse bakaba biteguye guciraho iteka umuntu wese udahuje ibitekerezo nabo. Bake muri bo barwanyije amashusho (amafoto) bakavuga ko itegeko rya kabiri mu mategeko cumi y'Imana riyabuzanya, kandi ko ikintu cyose cyo muri ubu bwoko gikwiriye kurimburwa.

Abo bantu batsimbarara ku myumvire yabo gusa nta kintu bashobora kubona uretse gushyira imbere ikintu kimwe gusa kibaje mu mutwe. Mu myaka yashize, twagiye duhura n'umwuka nk'uwo n'umurimo nk'uwo. Hahagurutse abantu bavugaga ko batumwe kandi ko bafite ubutumwa buciraho iteka amashusho, ndetse bagashimangira ko ikintu cyose gisa nayo gikwiriye gucibwa. Ntibarekeye aho, bakajije umurego bageza n'ubwo barwanya amasaha yabaga ariho "amashusho"...

Bake muri iryo torero bakajije umurego kugeza ubwo batwika amashusho yose yari mu ngo zabo, ndetse bagera n'aho batwika ay'incuti zabo. Nubwo nta mpuhwe twari dufitiye izo ntureka z'ubwaka, twatanze inama ko abantu batwitse amashusho yabo batayarihishwa. Niba bari bakoze ibyo baterekerejeho, bari bakwiriye kunyurwa no kureka ibintu bigahagararira aho byari bigeze. Ariko ntibagombaga gusaba abandi gukora nk'uko bo ubwabo bari bakoze. Ntibakwiriye guhihibikanira gutekerereza bene Se na bashiki babo.⁴⁷⁸

IGICE CYA 8

KUBWIRIZA ABANTU UKURI KWIHARIYE

GUTEGURIZA ABANTU KUGARUKA KWA YESU

Kangurira Abantu Kwitegura. -Ubu turi mu gihe gisoza amateka y'iyi si ... Ubuhanuzi buragenda busohora. Bidatinze Kristo agiye kugaruka afite imbaraga n'icyubahiro cyinshi. Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa. Nimureke ubutumwa bwumvikane mu magambo akomeye y'umuburo.

Tugomba kwemeza abantu aho bari hose ngo bihane kandi bahunge umujinya wenda gutera. Bafite ubugingo bashobora gukiza cyangwa bakabuzimiza. Nimutyo kuri iyi ngingo he kubamo ubunenganenzi. Uwiteka arahamagara abakozi bafite umugambi udacogora kandi udakebakeba. Bwira abantu gukora umurimo mu gihe gikwiriye n'ikidakwiriye. Jya kubwira abagabo n'abagore ko iherezo rya byose riri bugufi ufite amagambo y'ubugingo mu kanwa kawe.

Nimutyo ubugingo bwacu bube mu rukundo rw'Imana. Ubutumwa bw'imbuze bugomba gutangwa. Ukuri ntikugomba guhera ku minwa yacu. Tugomba gukangurira abantu guhita bitegura, kuko tutazi neza ibizaba biri imbere yacu. Ndizera nkomeje cyane kandi ndashidikanya ko turi mu gace ka nyuma k'igihe giheruka. Nimutyo buri mwigisha wese akingurire urugi abantu bose biteguye gusanga Yesu, bihana ibyaha byabo.⁴⁷⁹

Amamaza ubu Butumwa mu Mahanga Yose. -Nahawe amabwiriza yo kwandika amagambo yo kuburira bene Data na bashiki banjye bari mu kaga ko kwirengagiza umurimo udasanzwe ugomba gukorwa muri iki gihe.... Tugomba kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo mu mahanga yose, tukabuvuga mu mvugo y'umuhishuzi Yohana wagize ati: "Dore arazana n'ibicu kandi amaso ya bose azamureba." Iyahishuwe 1:7.⁴⁸⁰

Igihe kirageze ngo ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo kwegereje buvugwe ku isi yose.⁴⁸¹

⁴⁷⁹ Letter 105, 1903.

⁴⁸⁰ Testimonies, vol. 8, p. 116. (1904)

⁴⁸¹ Testimonies, vol. 9, p. 24. (1909)

Ubutumwa Buvuga Ngo, "Umwami Wacu Araje."-Umwami wacu araje. Nimwubure imitwe yanyu maze mwishime. Dutekereza ko abavuga ko bakunda Yesu nibumva iyi nkuru ishimishije bazuzura ibyishimo n'umunezero bitavugwa! Iyi ni inkuru nziza ishimishije ikwiriye gukangura umuntu wese, kandi ikwiriye guhora ivugwa mu miryango yacu, ndetse tukayibwira abo duhura nabo mu nzira. Ni iyihe nkuru ishimishije kuruta iyi ikwiriye kuvugwa! ...

Ijwi ry'umurinzi nyakuri rikwiriye kumvikana ahanu hose. "Igitondo kiratangaje kandi ijoro riraguye." Impanda igomba kuvuzwa mu buryo bwihariye kubera ko turi mu munsu ukomeye wo kwitegura Umwami.⁴⁸²

Nta Gihe Dufite cyo Gupfusha Ubusa. Rangurura ijwi ry'impuruzi mu gihugu cyose. Bwira abantu ko umunsu w'Uwiteka uri bugufi kandi wihuta cyane. Nimutyo he kugira umuntu n'umwe usigara ataburiwe. Twagombye kuba twarageze ahanu hari abantu bari mu buyobe. Dushingiye ku kuri twahawe kurenza abandi, dufite umwenda wo kubagezaho uko kuri.

Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa. Imbaraga z'umwijima zirakora n'ingoga nyinshi cyane, kandi nk'uko isega ifata umuhigo wacyo, Satani aragenda yubikiriye agatera intambwe ajya gufata abasinziye. Dufite imiburo dukwiriye kubwira abantu nonaha. Ni umurimo dushobora gukora nonaha, ariko bidatinze bizaba bidukomereye cyane kurenza uko twabitekereza....

Kugaruka k'Umwami wacu kuri bugufi cyane kuruta igihe twizereye. Intambara ikomeye iri bugufi kurangira. Amakuru yose avuga iby'ibyago biba mu nyanja no ku butaka ni igihamba kitwereka ko iherezo rya byose riri bugufi. Intambara n'impuha z'intambara na byo birabyerekana. Mbese hari Umukristo umutima utaduhagura igihe atekereje ibikomeye bigiye kuba mu munsu iri imbere?

Umwami wacu araje. Turumva imirindi y'Uwiteka idusatiriye, kandi aje guhana isi kubera ibicumuro byayo. Dukwiriye kumutegurira inzira dukora uruhare rwacu mu murimo wo guteguriza abantu uwo munsu ukomeye.⁴⁸³

Imbaraga Nzima Ikwiriye Guherekeza.-Imbaraga nzima igomba guherekeza ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo. Ntitugomba kuruhuka tutarabona abantu benshi bahindukirira kwakira ibyiringiro by'umugisha byo kugaruka k'Umwami wacu. Mu gihe cy'intumwa, ubutumwa zavuze bwakoze umurimo nyakuri, buhindura abantu bareka gusenga ibigirwamana, biyemeza gukorera Imana nzima. Umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe nawo ni nk'uwo, kandi ukuri twigisha kugomba kuba nk'uko zigishije; icyo dusabwa gusa ni ukuvugana ubutumwa umwete usumbyeho kuko kugaruka k'Umwami wacu kwegereje. Ubutumwa bwagenewe abantu b'iki gihe ni bwiza, burumvikana kandi bufite akamaro gakomeye cyane byimbitse. Tugomba gukora nk'abagabo n'abagore bizera

482 Letter 55, 1885.

483 Review and Herald, Nov.12, 1914. [Urwibutso n'Integuza]

ubwo butumwa. Umurimo wacu ni uwo gutegereza, kuba maso, gukora, gusenga no kuburira abatuye isi....

Abo mu ijuru bose bari ku murimo, bahugiye mu kwitegura umunsi wo guhora kw'Imana, umunsi wo gucungurwa kwa Siyoni. Igihe cyo gutinda kigiye kurangira. Abagenzi n'abimukira bamaze igihe kirekire bagenda bashaka igihugu kiruseho kuba cyiza bagiye kugera imuhira. Ndumva narangurura ijwi ngira nti, 'Ntashye iwacu!' Turihutira kwegereza igihe Kristo azazira gutwara abo yacunguye ngo abajyane iwe.⁴⁸⁴

Ibibwirizwa Byose Bikwiriye Kwerekeza ku Kugaruka kwa Kristo:- Ukuri k'ubuhanuzi gukubiye hamwe, kandi uko tukwiga, guhinduka urwunge rw'agahozo rugize ukuri gufatika kwa Gikristo. Ibibwirizwa byose tubwiriza bikwiriye kugaragaza byeruye ko dutegereje, dukora kandi dusengera kugaruka k'Umwana w'Imana. Kugaruka kwe ni byo byiringiro byacu. Ibi byiringiro bikwiriye kuba isanga n'ingoyi n'amagambo tuvuga n'imirimo dukora, ndetse bikarangwa no mu mubano tugirana n'abandi.⁴⁸⁵

Urufunguzo rw'Amateka:-Gusobanukirwa n'ibyiringiro byo kugaruka kwa Kristo ni rwo rufunguzo rufungura amateka yose akurikirana, kandi rugasobanura inyigisho zose z'igihe kizaza.⁴⁸⁶

Umusaruro Uva mu Kubwiriza ibyo Kugaruka kwa Kristo: Kugaruka k'Umwana w'umuntu gukwiriye kuba insanganyamatsiko y'igitangaza ibwirizwa abantu. Iyi ni ingingo itagomba kubura mu bibwirizwa byacu. Ukuri kuzahoraho iteka ryose gukwiriye gushyirwa imbere y'amaso y'abantu, bityo ibirangaza by'isi bizagaragara nk'uko biri, abantu babone ko ari ubusa nta kamaro. Mbese iby'isi by'ubusa, ibisingizo byayo, ubutunzi bwayo, icyubahiro cyayo n'ibinezeza byayo turabikoraho iki?

Turi abagenzi n'abimukira bategereje, bafite ibyiringo kandi basabira gusohora kw'ibyiringiro by'umugisha ari byo kuboneka k'ubwiza bwa Yesu Kristo, we Mwami n'Umukiza wacu. Turamutse tubyizeye kandi tukabishyira mu bikorwa mu mibereho yacu, mbega ibikorwa bikomeye byakorwa n'uku kwizera n'ibi byiringiro! Mbega ukuntu twarushaho gukundana dushyizeho umwete! Mbega ukuntu twagira imibereho yera ihirimbanira guhesha Imana icyubahiro! Kandi twitaye ku ngororano tuzahabwa, mbega uburyo hari imirongo yihariye izagaragara idutandukanya n'isi.⁴⁸⁷

Turamutse twiyubashye kubera ingororano tuzahabwa, mbega ukuntu twakwitwara ku buryo abatubonye babona dutandukanye n'ab'isi!⁴⁸⁸

Shyira Uku Kuri Imbere y'Abantu:-Ukuri kuvuga ko Kristo agiye kugaruka gukwiriye gushyirwa imbere y'abantu bose.⁴⁸⁹

484 *Review and Herald*, Nov.13, 1913. [Urwibutso n'Integuza]

485 *Letter* 150, 1902.

486 *Letter* 218, 1902

487 *Manuscript* 39, 1893

488 *Manuscript* 39, 1893.

489 *Letter* 131, 1900.

Kwirinda Imvugo Zishyiraho Igihe Kristo Azagarukira:-Ibyerekeye igihe n'umunsi byo kugaruka k'Umwami wacu biri mu bubasha bw'Imana. Ni mpamvu ki Imana itashatse ko tubimenya? Ni uko iyo ibitumenyesha tutari gukoresha ubwo bumenyi neza. Kubimenya byari gutuma hari uko ibintu bigenda mu bantu bacu bityo bigakereza cyane umurimo w'Imana wo gutegurira ubwoko bwayo kuzahagarara mu muni ukomeye ugiye kuza. Ntidukwiriye gutwarwa n'amagambo yo gukekeranya ku byerekeye iminsi n'ibihe Imana ubwayo itaduhishuriye. Yesu yabwiye abigishwa be ati: "Mube maso..." (Mariko 14:38), ariko nta gihe kizwi yababwiye. Abayoboke be bagomba kuba nk'abasirikare bateze amatwi amabwiriza y'Umuyobozi wabo. Mu gihe begereje igihe cyo kuza k'Umwami wabo, bagomba kuba maso, bagategereza, bagasenga kandi bagakora, ariko nta muntu n'umwe uzashobora guhamya neza igihe Kristo azagarukira; kuko "uwo muni cyangwa icyo gihe nta we ubizi." (Mariko 13: 32). Ntimuzabasha kuvuga ko azaza nyuma y'umwaka umwe, imyaka ibiri cyangwa se imyaka itanu, kandi ntimwavuga ko ashobora kuzatinda ngo muvuge ko adashobora kuza mbere y'imyaka cumi cyangwa makumyabiri.. . Ntabwo dushobora kumenya igihe nyacyo cyaba icyo gusukwa kwa Mwuka Wera cyangwa icyo kugaruka kwa Kristo.⁴⁹⁰

UKURI KWEREKEYE UBUTURO BWERA

Urufatiro rwo Kwizera Kwacu: Gusobanukirwa neza n'imirimu ikorerwa mu buturo bwera bwo mu ijuru ni rwo rufatiro rwo kwizera kwacu.⁴⁹¹

Izingiro ry'Umurimo wa Kristo wo Guhongerera Abanyabyaha:Ubwoko bw'Imana bukwiriye gusobanukirwa neza n'icyigisho cy'ubuturo bwera n'icy'urubanza rw'igenzura. Abantu bose bakwiriye kwimenyera ubwabo umwanya ndetse n'umurimo w'Umutambyi wabo Mukuru, nibitaba bityo, kugira kwizera gukenewe cyane muri iki gihe no gusohozza inshingano Imana yabahaye ntibizabashobokera. Umuntu wese afite uwo azakiza cyangwa uwo azazimiza. Buri wese afite urubanza rumutegereje imbere y'Imana. Umuntu wese agomba kuzahagarara imbona nkubone imbere y'Umucamanza. Mbega uburyo ari ingenzi ko umuntu wese yitegereza iyo shusho ikomeye ubwo urubanza ruzashingwa, ibitabo bikabumburwa, ubwo ku iherezo ry'ibihe buri wese agomba kuzahagarara mu mugabane we nka Daniyeli. Abantu bose bamaze kwakira umucyo ku byerekeye izo ngingo bakwiriye guhamiriza abandi ukuri gukomeye Imana yabahaye. Ubuturo bwera bwo mu ijuru ni bwo zingiro ry'umurimo Kristo akorera abantu. Uyu murimo ureba umuntu wese uri ku isi. Uduhishurira inama y'agakiza ukatugeza ku iherezo ry'ibihe, ukaduhishurira intsinzi mu ntambara iri hagati y'ubutungane n'icyaha. Ni iby'agaciro gakomeye ko abantu bose bakwiriye kwigana ubwitonzi ibyo byigisho kandi bakaba bashobora gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu z'ibyiringiro bafite.⁴⁹²

⁴⁹⁰ *Review and Herald*, March 22, 1892. [Urwibutso n'Integuza]

⁴⁹¹ *Letter* 208, 1906

⁴⁹² *Intambara Ikomeye*, p. 349. (2011)

Urufunguzo ku Kuri Gushyitse:- Ingingo ivuga iby'ubuturo bwera ni yo yabaye urufunguzo rw'ubwiru bwo gucika intege gukomeye kwabayeho mu mwaka wa 1844. Iyo ngingo yashyize ahagaragara ukuri kuzuye gufitanye isano kandi kutanyuranya kwerekanaga ko ukuboko kw'Imana kwari kwarayoboye itsinda rikomeye ryigishaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo. Iyo ngingo kandi yahishuye inshingano y'umurimo wagombaga gukorwa kubera ko yagaragazaga uko ubwoko bw'Imana bumeze muri icyo gihe ndetse n'umurimo wabwo.⁴⁹³

Dutumbire Ubuturo Bwera: Nk'ubwoko bw'Imana, dukwiriye kwiga ubuhanuzi dushyizeho umwete. Ntidukwiriye gutuza tutarajjukirwa n'ibyerekaye ubuturo bwera, bwagaragajwe mu iyerekwa rya Daniyeli na Yohana. Iyi nsanganyamatsiko y'ubuturo bwera itanga umucyo ku kuntu duhagaze muri iki gihe n'umurimo dukora, kandi ni n'igihamba kidashidikanywaho cy'uko Imana yatuyoboye mu byo twanyuzemo mu gihe cyashize. Isobanura ugucika intege twagize mu 1844, ikatwereka ko ubuturo bwagombaga kwezwa atari ubwo ku isi nk'uko twari twaratekereje, ahubwo ko icyo gihe Kristo yinjiye ahera cyane h'ubuturo bwo mu ijuru, akaba ahakorera umurimo we uheruka w'ubutambyi, bikaba ari isohora ry'amagambo marayika yabwiye umuhanuzi Daniyeli ngo, "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu, uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa." (Daniyeli 8:14).

Ukwizera kwacu ku byerekaye ubutumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatanu gufite ishingiro. Ibimenyetso byerekana inzira twanyuzeho ntibyakurwa ahabyo. Nubwo ingabo z'ikuzimu zagerageza kubirandura mu rufatiro rwabyo, kandi zikishima kubwo gutekereza ko zageze ku ntsinzi, nyamara ntizitsinda. Izi nkingi zigize ukuri zihagaze zishikamye nk'imisozi ihoraho, idashobora kunyeganyezwa n'imbaraga zose z'abantu zifatanyije n'iza Satani n'ingabo ze. Dushobora kwiga byinshi, kandi dukwiriye guhora dushakashaka mu Byanditswe Byera kugira ngo tumenye niba ibi bintu ari ko biri. Ubwoko bw'Imana bugomba guhanga amaso yabwo mu buturo bwera bwo mu ijuru, ahakorera imirimo iheruka y'Umutambyi wacu Mukuru mu murimo wo guca urubanza, aho asabira ubwoko bwe.⁴⁹⁴

Ukuri Shingiro mu Nyigisho Yoroheje y'Iyobokamana: Inyigisho yoroheje y'iyobokamana ikwiriye kwigishwa mu ishuri ryose rishingwa. Muri iyi nyigisho, umurimo wo guhongerera abantu Kristo akora ni wo ukwiriye kuba ipfundo rikomeye n'ukuri shingiro. Insanganyatsiko itangaje yo gucungurwa ikwiriye kwigishwa abanyeshuri.⁴⁹⁵

Gukomera k'Ukuri k'Ubuturo Bwera:- Mu gihe Kristo ariho yeza ubuturo bwo mu ijuru, abasenga Imana bari ku isi bakwiriye gusuzumana

⁴⁹³ *Intambara Ikomeye*, p. 305 (2011)

⁴⁹⁴ *Review and Herald*, Nov. 27, 1883. [Urwibutso n'Integuza]

⁴⁹⁵ *Manuscript* 156, 1898.

ubushishozi imibereho yabo, kandi bakagereranya imico yabo n'urugero ngenderwaho rwo gukiranuka.⁴⁹⁶

Kubwiriza Ihame ry'Ubuturo Bwera Byemewe n'Umwuka Wera: Hashize imyaka isaga mirongo itanu hari ingingo zitandukanye zerekeye ukuri kugenewe iki gihe zagiye zishidikanywaho kandi zikarwanywa. Hari inyigisho nshya zagiye zigishwa zifashwe nk'ukuri kandi atari ko, kandi Umwuka Wera w'Imana yaje kugaragaza ko ari ibinyoma. Uko twagendaga twerekana inkingi zikomeye zo kwizera kwacu, Umwuka wera yajyaga azihamya, kandi by'umwihariko ni ko byagenze ku bijyanye n'ukuri kwerekeye ubuturo bwera. Incuro nyinshi cyane kandi mu buryo bukomeye, Umwuka Wera yemeje ko iri hame ryajya ribwirizwa. Ariko muri iki gihe nk'uko byagenze mu gihe cyashize, abantu bamwe bazahimba inyigisho nshyashya kandi bange ukuri kwemejwe n'Umwuka w'Imana.⁴⁹⁷

Inyigisho z'Ibinyoma Zerekeye Ubuturo Bwera. -Mu minsi iri imbere, hazaduka inyigisho z'uburyo bwinshi, bityo rero dukeneye ubutaka bukomeye dushingaho ibirenge. Turashaka inkingi zikomeye zo kubakisha inyubako yacu. Nta kabariro na kamwe kagomba kuvanwa ku nyubako yubatswe n'Umwami Imana. Umwanzi azazana inyigisho z'ibinyoma nk'inyigisho zizaba zivuga ko nta buturo bwera buriho. Iyo ni imwe mu ngingo zizashingirwaho maze hakabaho kuva mu kwizera. None se ni hehe tuzabona umutekano uretse mu kuri Uwiteka yagiye atanga mu myaka mirongo itanu ishize?⁴⁹⁸

Ukuri Guteza Itandukandiro: Igihe kigiye kugera ubwo imbaraga ziyobya z'abakozi ba Satani zizagwira rwose. Ku ruhande rumwe hari Kristo wahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Ku rundi ruhande hari Satani ukomeza gukoresha imbaraga ze zo kwireherezaho abantu, akabohesha inyigisho zikomeye z'abanyamyuka kugira ngo akure Imana mu byicarwo yagombye gufata mu ntekerezo z'abantu.

Satani arwana ubudahwema kugira ngo yinjize mu bantu inyigisho mpimbano zerekeye ubuturo bwera, akagerageza gutesha agaciro ibyitegererezo bitangaje Imana yatanze n'umurimo Kristo akora kubw'agakiza kacu maze akabihinduramo ikintu gihuje n'itekerezo za kamere. Avana imbaraga [z'umurimo wa Kristo] ze mu mitima y'abizera, maze mu mwanya wazo akinjizamo inyigisho zishashagirana zahimbiwe gutesha agaciro ukuri kw'impongano ndetse no gutsemba icyizere twari dufite mu mahame twemeye ko ari ayera uherye igihe ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwatangwaga. Uko ni ko ashaka kutunyaga uko twizera ubutumwa bwatugize ubwoko bwihariye, kandi bugaha isura n'imbaraga umurimo dukora.⁴⁹⁹

496 *Review and Herald*, April 8, 1890. [Urwibutso n'Integuza]

497 *Manuscript* 125, 1907

498 *Review and Herald*, May 25, 1905. [Urwibutso n'Integuza]

499 *Special Testimonies*, Series B, No.7, p. 17. (1905)

KWIGISHA AMATEGEKO N'ISABATO

Ubutumwa Bwacu Budasanzwe: Uwiteka afite ubutumwa budasanzwe yahaye abamuhagarariye ngo batware. Bagomba kubwira abantu ubutumwa bw'imbuze, bakabararikira kuziba icyuho cyaciwe mu mategeko y'Imana n'ubuyobozi bw'Ubupapa. Isabato yahinduwe ubusa, bayifata nk'aho atari igisabwa cy'ingenzi, ku buryo umuntu ashobora kuyirengagiza. Umunsi wera w'Uwiteka warahinduwe ugirwa umunsi usanzwe wo gukora. Abantu bakubise hasi urwibutso Imana yashyizeho maze barusimbuza umunsi muhimbano w'ikiruhuko.⁵⁰⁰

Ubutumwa Buheruka ku Batuye Isi: Ubutumwa buheruka bw'imbuze ku batuye isi bugomba kuyobora abantu ku kubona agaciro Imana iha amategeko yayo. Ukuri kugomba kubwirwa abantu kurumvikana neza ku buryo nta muntu wica amategeko ukumva uzagira urwitwazo rw'uko atasobanukiwe n'akamaro ko kumvira amategeko y'Imana.

Nahawe itegeko ryo kuvuga nti, Mushakashake mu byanditswe maze mukusanye ibihamya byerekana ko Imana yejeje umunsi wa karindwi, maze ibyo bihamya mubisomere imbere y'iteraniro. Nimureke abantu batigeze bumva ukuri bagaragarizwe ko abantu bose baca ku ruhande ijamba ngo, "Ni ko Uwiteka avuga" bagomba kuzabona ingaruka z'imigenzereze yabo. Mu bihe byose, Isabato yagiye iba igipimo cyerekana ko abantu bagandukira Imana. Uwiteka aravuga ati: "Isabato ni ikimenyetso hagati yanjye n'abana ba Isirayeli iteka ryose."⁵⁰¹

Ikibazo Gikomeye Kireba Isi Yose: Umucyo werekeye ibyo amategeko y'Imana adusaba ukwiriye kumurikwa ahantu hose. Iki kigomba kuba ikibazo gikomeye. Isabato izaba igipimo maze ishungure abari kusi.⁵⁰²

Kwagurira Umurimo Ahantu Hashya: Umunsi umwe byabaye ngombwa ko ndeka kwandika kugira ngo nganire na mwene Data.....Afite guhagarika umutima.... Yifuzaga kumenya uko umuntu yakwamamaza ukuri ku bijyanye n'uturere dushya, akibaza niba Isabato yagirwa nyambere.

Namubwiye ko gahunda nziza kandi igaragaza ubushishozi yaba iyo kwibanda ku nyigisho zishobora gukangura umutimanama. Yashoboraga kubigisha ibyerekeye kubaha Imana mu buryo bufatika; ubwitange no kwera; kandi akavuga iby'imibereho ya Yesu yaranze no kwiyanga no kwitanga akatubera urugero kugeza ubwo babonye itandukaniro riri hagati y'imibereho ye n'iyabo yo gushimisha kamere yabo bityo ibyo bikabatera kutanyurwa n'imibereho yabo ihabanye n'ya Kristo.

Nibamara gusobanukirwa ibyo, bigishe ubuhanuzi; bereke ukwera n'ibyo Ijambo ry'Imana ribasaba. Nta gace gato cyangwa akanyuguti na

500 Manuscript, 35, 1900

501 Gospel Workers, p. 148, 149. (1913).

502 Special Testimonies, Series A, no. 7, p. 17,18. (1874).

gato k'aya mategeko kagomba gutakaza imbaraga zako, ahubwo ibisabwa nayo bireba umuntu wese kuzageza ku iherezho ry'ibihe. Igihe amategeko y'Imana ahinduwe ubusa, igihe amadini yemera Kristo yifatanyije na Kiliziya Gatulika ndetse n'ab'isi mu gutesha agaciro k'amategeko y'Imana, ni bwo ubwoko bw'Imana bwatoranijwe buhaguruka kugira ngo bushyigikire amategeko ya Yehova.

Aya ni yo mayeri Pawulo yakoresheje; ni bwo bwenge bw'inzoka no kuba abanyamahoro nta mahugu nk'inuma. (Matayo 10:17). Niba tugeze mu bantu basanzwe bazi ibyerekeye ukwizera kwacu, si ngombwa gukurikiza aya mabwiriza yo kwigengesera, ahubwo mu cyakorwa cyose, hakwiriye gukoresha umwete udasanzwe kugira ngo imitima y'abantu igerweho. Mwirinde kunegura andi matorero; ntimugatume abantu bagira igitekerezo cy'uko umurimo wanyu ari uwo gusenya, ahubwo ni uwo kubaka, ndetse no kumenyesha abantu ukuri nk'uko kuri muri Kristo Yesu. Mujuje mwibanda cyane ku kamaro ko kubaha Imana kuzima.⁵⁰³

Gutangira Kwigisha Ibyerekeye Isabato Ahantu Hashyashya: Ubutumwa bwerekeye ukuri nyako ni bushya kandi butangaza abantu b'iki gihugu.⁵⁰⁴ Amahame ya Bibiliya yigishwa aba ameze nk'ihishurirwa rishya, kandi abantu bafata ibyo basobanurirwa nko gutandukira rwose. Igihe wigisha abantu ibyerekeye ikibazo cy'umunsi wa mbere w'icyumweru⁵⁰⁵ cyangwa se ibyo kunga ubumwe kw'itorero na Leta, jya ubikorana ubushishozi.

Izo nyigisho zigomba gutangira kuvugwaho mu bwitonzi bukomeye. Muri iki gihugu ntaturabona aho twashyira icyicaro cy'umurimo. Umwanzi wo gukiranuka kose yagiye akora kandi na n'ubu aracyakoresha inzira yose ashobora guhimba kugira ngo agwabize umurimo wagombye gukorwa ngo abantu bamurikirwe kandi bigishwe. Aragenda yongera imbaraga. Gutinda kwagiye guha Satani urwaho, kandi uko gutinda kwagiye gutera kuzimira kw'abantu benshi. Ntabwo Uwituka ashimishwa no gukerereza umurimo. Gukererwa kose kubaho gutuma umurimo ugomba gukorwa urushaho gukomera bitewe n'uko Satani aba ahawe urwaho rwo gukomeza kwigarurira aho hantu no kwisuganya ngo yubake ibirindiro.

Gutinda kuzamura ibendera [ry'ukuri] mu mijyi minini kw'abantu bacu biciye ukubiri n'umucyo Imana yaduhaye. Umucyo muke warasiye mu mijyi, ariko icyo wakoze gusa ni ugutera abashumba b'abanyabinyoma kumva ko igihe kigeze ngo bashishikarire umurimo wabo bigisha abantu imigani mihimbano ndetse n'ibinyoma kugira ngo bateshure abantu ku butumwa bw'ukuri. Hari ibyakozwe bike, ariko nta bantu babonetse ndetse n'amafaranga yatanze ngo umurimo ukorwe. Satani yagiye akora kandi azakomeza gukorana n'ibitangaza bye bibeshya, bityo rero ubuyobe bukomeye buzemerwa ahantu ibendera ry'ukuri ryagombye kuba

503 Letter 2, 1885.

504 Ahangaha Ellen G. White aravuga igihugu cya Australia ubwo batangizagayo umurimo.

505 Sunday

ryarazamuwe. Noneho rero, kuba ubwoko bw'Imana busobanukiwe ukuri bwarananiwe gukora inshingano yabwo bukurikije umucyo watanze mu Ijambo ry'Imana, ibyo bituma biba ngombwa ko turushaho kwirinda, bitaba ibyo twakoza isoni abatizera mbere y'uko bumva impamvu zo kwizera kwacu ku byerekeye Isabato n'umunsi wa mbere w'icyumweru....

Muri iki gihe birakenewe ko duha abantu amabwiriza adahutaza kandi arimo ineza. Ukwigishwa ko mu buzima bwose ntigukwiriye kubangamirwa. Amageza akomeye n'umwete udacogora bikenewe n'abantu bazabwiriza ukuri mu buryo ubwo ari bwo bwose.⁵⁰⁶

Subika Kuvuga Ibyerekeye Isabato: Ntukwiriye kumva ko inshingano yawe ari uguhita utangira kuvuga ibyerekeye ikibazo cy'Isabato ugihura n'abantu. Mu gihe abantu bagize icyo bayivugaho, babwire ko uwo atari wo mutwaro uguhangayikishije muri icyo gihe. Ariko igihe bamaze kwegurira Imana imitima, intekerezo zabo n'ubushake bwabo, ubwo ni bwo baba biteguranye ubwuzu kugereranya ibihamya byerekeye uko kuri gukomeye kandi gushungura [imitima].⁵⁰⁷

Kwirinda Gutinda Kutari Ngombwa: Kwigengesera kurakenewe; ariko mu gihe bamwe mu bakozi babaye baretswe bityo bakajya mu murimo bagenda gahoro gahoro, iyo mu murimo badafatanyije n'ababona ko kwihutisha umurimo ari ngombwa, hari ibintu byinshi bizazimira; hari amahirwe azabacika, kandi ubuntu bw'Imana ntibuzagaragara.

Igihe abantu bamaze gutsindwa mu mitima badafashijwe ngo ngo bamashe bafate icyemezo hakiri kare, haba hari akaga k'uko uko gutsindwa mu mitima kuzagenda kuyoyoka gahoro gahoro....

Akenshi igihe iteraniro rigeze aho umutima uba witeguye kumva ibyerekeye Isabato, usanga iyo ngingo isubikwa kubera gutinya ingaruka zakurikiraho. Bene ibi byagiye bikorwa kandi umusaruro wavuyemo ntiwigeze uba mwiza.⁵⁰⁸

Imyitwarire mu Iteraniro ry'Igihe Gito: Igihe ufite inteko y'abantu bazajya bateranira imbere yawe mu gihe cy'ibyumweru bibiri gusa, ntukabure kwigisha ku ngingo y'Isabato ngo utegereje kuzabikora ubonye ibindi birangiye wibwira ko uri gusasira icyo cyigisho. Zamura ibendera ry'amategeko y'Imana no kwizera Yesu. Isabato igomba kuba insanganyamatsiko y'ingenzi. Ukoresha amagambo afite ireme uvuga, erekana ko Isabato ikomeye cyane. Tinda cyane ku Byahishuwe. Soma, usobanure kandi ushimangire icyo byigisha.

Urugamba turiho rurakaze. Imbere yacu hari ibibazo bikomeye cyane. Si amakabyankuru, birahari rwose. Nimutyo amasengesho yacu akomeze kuzamuka yerekezwa ku Mana kugira ngo abamarayika bane bakomeze gufata ya miyaga ine, bityo ye guhuha ngo yangize cyangwa ngo irimbure

506 Undated Manuscript 79

507 Letter 77, 1895.

508 Letter 31, 1892

mu gihe umuburo uheruka utaramara kubwirwa isi. Nuko rero, nimutyo dukore imirimo yacu idacisha ukubiri n'amasengesho yacu. Nimutyo he kugira ikintu kigabanya imbaraga z'ukuri kugenewe iki gihe. Ukuri twamamaza muri iki gihe gukwiriye kuba umutwaro wacu. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugomba gukora umurimo wabwo wo gutoranya mu matorero abantu bazahagarara ku rufatiro rw'ukuri kuzahoraho iteka ryose.⁵⁰⁹

Ubutumwa Bwerekeye Ubugingo n'Urupfu:-Nk'ubwoko bw'Imana, turi mu kaga ko kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu buryo butumvikana neza ku buryo budakora ku mitima y'abantu....Ubutumwa tubwiriza abantu ni ubutumwa bureba ubugingo n'urupfu, kandi tugomba kubureka bukagaragara nk'uko buri, kuko ari imbaraga ikomeye y'Imana. Nitubuvuga uko buri, Uwiteka azatuma bwera imbuto. Tugomba kubuvuga mu mbaraga zabwo zose.⁵¹⁰

Ubutumwa Butagomba Gupfukiranwa: Satani yamaze guhimba uko ibintu bigomba kumera maze bigashingirwaho mu iyamamazwa ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Tugomba kumenya neza iby'iyi migambi ye n'uburyo yashyizeho. Ukuri ntikugomba kuvugwa mu ijwi riciye bugufi, nta gupfukirana ubutumwa bugenewe iki gihe. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugomba guhabwa imbaraga kandi bugashimangirwa. Igice cya 18 cy'Ibyahishuwe kigaragaza akamaro ko kubwiriza abantu ukuri mu magambo aranguruye ariko ubwiriza akavuga ashize amanga kandi afite imbaraga.. ...Hagiye habaho guca hirya no hino cyane mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Ntabwo ubu butumwa bwavuzwe mu buryo bwumvikana neza kandi busobanutse nk'uko byagombaga kuba.⁵¹¹

Nk'uko Kristo Yigishaga iby'Amategeko: Kristo yigishije amahame yo mu mategeko y'Imana akoresheje uburyo butaziguye, uburyo bufite imbaraga, yereka ababaga bamuteze amatwi ko birengagije gukurikiza ayo mahame. Amagambo ye yabaga yumvikana kandi adakebakeba ku buryo ababaga bamuteze amatwi baburaga aho bahera bamuvuguruza.⁵¹²

Intumwa Pawulo Yakurikizaga Uburyo bw'Imyigishirize ya Kristo: Ku banyamahanga, Pawulo yababwirizaga ko Kristo ari we byiringiro byabo rukumbi by'agakiza, ariko mu itangira ntiyigeraga akomoza ku mategeko. Ariko iyo imitima yabo yabaga imaze gususurutswe n'uko ababwiye ko Kristo ari impano Imana yahaye abatuye isi, n'ibikubiye mu murimo w'Umucunguzi mu gitambo kitagira akagero cyagaragarijwemo urukundo Imana ikunda umuntu, Pawulo yavugaga ashize amanga ariko kandi yiyoroheje, akereka abantu bose urwo rukundo -Abayuda n'Abanyamahanga- kugira ngo babashe gukizwa kubwo kwegurira Kristo

509 *Testimonies*, vol. 6, p. 61.

510 *Letter* 209, 1899

511 *Manuscript* 16, 1900

512 *Review and Herald*, Sept. 13, 1906.

imitima yabo. Noneho ubwo imitima yabo yabaga imaze koroha bamaze gutsindwa maze bakiyegurira Imana, noneho Pawulo yabigishaga amategeko y'Imana nk'uburyo bwashyizweho bwo gusuzuma ukuntu bayiyoboka. Uko ni ko Pawulo yakoraga -agasanisha uburyo akoresha kugira ngo agire abo agarurira Umukiza.⁵¹³

Banza Ubwirize Amahame Shingiro: Ntugashyire ku mugaragaro ingingo zimwe zigize ubutumwa usanga ziciraho iteka imigenzo n'imytwarire y'abantu igihe bataragira amahirwe yo kumenya ko twizera Kristo, ko twizera ubumana bwe no kuba yarahozeho isi itararemwa. Nimureke ibihamya Umucunguzi w'isi abe ari byo muja mwibandaho.⁵¹⁴

Tubwiriza Ubutumwa Bwiza: Nimureke abo tudasangiye kwizera basobanukirwe ko tubwiriza abantu ubutumwa bwiza tutibagiwe n'amategeko y'Imana. Nibamara kumenya ibyo, bazakira uko kuri bakwishimire, kandi benshi muri bo bazahaguruka baharanire uko kuri.⁵¹⁵

Amategeko n'Ubutumwa Bwiza Bizemeza Abantu ko ari Abanyabyaha: Amategeko n'ubutumwa bwiza bihishurwa mu Ijambo ry'Imana, bigomba kubwirizwa abantu, kubera ko ibyo byombi nibifatanyiriza hamwe bizemeza abantu icyaha. Nubwo amategeko y'Imana aciraho iteka icyaha, ahita yerekana ubutumwa bwiza, agahishura Yesu Kristo uwo muri we hari "ukuzura k'ubumana kose." (Abakorosayi 2:9). Umucyo urabagirana w'Ubutumwa bwiza urasira imyambi yawo ku gihe cy'Abayuda, ugatanga ubusobanuro bwose kubyo Abayuda bari batunze byerekeye ibicucu n'icyo byacureraga. Uko ni ko amategeko n'ubutumwa bwiza bikomatanyirizwa hamwe. Nta kibwirizwa gikwiriye kubaho kigomba kubitandukanya.⁵¹⁶

Muri rusange, abanyamadini batandukanyije amategeko n'ubutumwa bwiza, ariko natwe ku rundi ruhande twakoze ibijya gusa nabyo mu buri buryo. Ntabwo twashyize gukiranuka kwa Kristo imbere y'abantu kandi ngo tubahe ubusobanuro bwuzuye bw'umugambi ukomeye wa Kristo wo kuducungura. Twirengagije Kristo n'urukundo rutagira akagero, maze tuzana inyigisho zahimbwe n'abantu n'imitekerereze yabo aba ari byo bibwirizwa.⁵¹⁷

Ubutumwa Bwiza n'Amategeko Birajyana. Iyaba twagiraga umwuka n'imbaraga by'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, twabwiriza ibyerekeye amategeko y'Imana tutabitandukanije n'ubutumwa bwiza, kubera ko byombi bigendana.⁵¹⁸

Shimangira Ubutumwa Ukoresheje Ibitabo: Iminsi turimo ni ibihe bisaba guhora turi maso. Ni igihe ubwoko bw'Imana bukwiriye gukanguka

513 *Special Testimonies, Series A, No.6, p. 55. (1895)*

514 *Testimonies, Vol. 6, p. 58 (1900)*

515 *Letter 1, 1889*

516 *Manuscript 21, 1891.*

517 *Manuscript 24, 1890.*

518 *Gospel Workers, p. 161. (1915).*

kugira ngo bukore umurimo ukomeye wo gutanga umucyo ku byerekeye Isabato....Uyu muburo uheruka wagenewe abatuye isi ugamiye gutuma abantu basobanukirwa n'agaciro Imana iha amategeko yayo yera. Ukuri kugomba kubwirizwa abantu kurasobanutse cyane ku buryo nta muntu wica amategeko y'Imana uzakumva ngo ananirwe gusobanukirwa n'akamaro ko kumvira itegeko ryerekeye Isabato. ...

Hari umurimo abantu bose bagomba gukora kugira ngo ukuri koroheje ko mu Ijambo ry'Imana kumenyekane. Amagambo yo mu Byanditswe Byera akwiriye gucapwa kandi agakwizwa nk'uko ari. Igice cya cumi n'icyenda n'umugabane munini w'igice cya makumyabiri by'igitabo cyo Kuva, ndetse no guhera ku murongo wa cumi na kabiri kugeza uwa cumi n'umunani y'igice cya mirongo itatu na kimwe, Byaba byiza cyane byandukuwe bigacapwa nk'uko biri. Nimwegeranye uko kuri, maze mukore udutabo duto two guha abantu, maze mureke Ijambo ry'Imana ubwaryo ryibwirire abantu. Uramutse ufite ubushobozi bwo kubikora, igihe ikibwirizwa kivuga ku mategeko kidakebakeba kibwirijwe, icyo kibwirizwa wacyandikisha kigacapwa ku dupapuro duto. Nuko rero nuhura n'abantu baburanira amategeko ashimangira kubahiriza umunsi wa mbere w'Isabato, uzabahe izo mpapuro. Babwire ko nta mpaka wajya ku byerekeye umunsi wa mbere w'icyumweru⁵¹⁹ kubera ko ufite ijamba rivuga ngo "Ni ko Uwiteka avuga" rikuyobora mu kubahiriza umunsi wa karindwi.⁵²⁰

Garagaza Cyane Ikimenyetso Gitandukanya Ubwoko bw'Imana n'ab'Isi: Dukwiriye kugaragariza ab'isi amahame aboneye, adakemwa kandi yera agamiye gutandukanya ubwoko bw'Imana n'ab'isi. Aho kugira ngo ubwoko bw'Imana bugende buhenebera kugeza ubwo utashobora kubutandukanya n'abatubahiriza Isabato y'umunsi wa karindwi, bakwiriye gutuma kubahiriza Isabato bihabwa agaciro cyane ku buryo ab'isi batananirwa kumenya ko ari Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi.⁵²¹

Twahamagariwe Kugaragaza Umunyabugome: Muri iki gihe turimo, Uwiteka yahamagaye ubwoko bwe kandi yabuhaye ubutumwa bugomba gutwara. Yabahamagariye gushyira ahagaragara icyaha cy'umunyabugome wafashe itegeko ryo kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru (Sunday) akarigira ikimenyetso cyihariye cy'ububasha bwe. Yatekereje guhindura ibihe n'amategeko no kurenganya ubwoko bw'Imana buhagaze bushikamye mu kuyubaha bubinyujije mu kuruhuka Isabato nyakuri, Isabato yashyizweho igihe cy'irema, ko ari yo Sabato yera y'Imana.⁵²²

Abantu Bihariye Batwaye Ubutumwa bw'Ishungura: Uwiteka yashimishijwe no guha ubwoko bwe ubutumwa bwa marayika wa gatatu nk'ubutumwa bushungura ngo babubwire abatuye isi. Yohana yeretswe abantu bihariye bitandukanyije n'ab'isi. Ni abantu banze gusenga inyamaswa cyangwa

519 Sunday/Dimanche

520 *Review and Herald*, March 26, 1908

521 *Manuscript 162*, 1903.

522 *Testimonies to Ministries*, p. 118. (1903).

igishushanyo cyayo, bafite ikimenyetso cy'Imana, beza Isabato yayo ari yo munsu wa karindwi ugomba kwezwa ukaba urwibutso rw'Imana nzima, Umuremyi w'ijuru n'isi. Intumwa Yohana yanditse ibyerekeye abo bantu agira ati, "Bakomeza amategeko y'Imana kandi bafite kwizera nk'ukwa Yesu."⁵²³

Ikimenyetso cy'Inyamaswa: Ariko ubwo itegeko rizahatira abantu kuruhuka ku munsu wa mbere, kandi abantu bose bakazamurikirwa ku byerekeye kubahiriza Isabato nyakuri, icyo gihe umuntu wese uzica itegeko ry'Imana akumvira itegeko ryashyizweho na Roma, azaba ahaye ikuzo ubupapa kuburutisha Imana. Aba aha icyubahiro Roma n'ubutegetsi bushimangira umunsu w'ikiruhuko watoranyijwe na yo. Aba aramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo. Igihe abantu banga Isabato Imana yavuze ko ari ikimenyetso cy'ububasha bwayo maze mu mwanya wayo bakubahiriza umunsu Roma yihiteyemo ngo ube ikimenyetso cyo gukomera kwayo, baba bemeye ikimenyetso cy'icyubahiro bahaye Roma - "ikimenyetso cy'inyamaswa." Igihe rero iyo ngingo isobanuriwe neza imbere y'abantu maze bagahitamo kumvira hagati y'amategeko y'Imana n'ay'abantu, abakomeza kugomera Imana bazashyirwaho "ikimenyetso cy'inyamaswa."⁵²⁴

Kwakira Ikimenyetso cy'Inyamaswa mu Gihe Kizaza: Guhindura Isabato ni cyo kimenyetso kigaragaza ubutware bw'itorero ry'i Roma. Abantu basobanukiwe n'icyo itegeko rya kane risaba maze bagahitamo kubahiriza isabato y'ikinyoma mu cyimbo cy'Isabato y'ukuri, baba bubaha buriya butegetsi bwayishyizeho. Ikimenyetso cy'inyamaswa ni isabato yashyizweho n'ubupapa, kandi ikaba yaremewe n'isi yose mu cyimbo cy'umunsu washyizweho n'Imana.

Nta muntu urashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa kubera ko igihe cy'ishungura kitaragera. Muri buri torero harimo Abakristo nyakuri, ndetse no muri Kiliziya Gatulika y'i Roma. Nta muntu n'umwe wacirwa urubanza atarahabwa umucyo, kandi atarabona icyo itegeko rya kane ridusaba. Ariko igihe iteka rizacibwa maze rigahatira abantu kuruhuka isabato mpimbano, kandi n'ijwi rirenga rya marayika wa gatatu rikavuga riburira abantu kwirinda kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo, ni bwo umurongo uzacibwa mu buryo bugaragara neza hagati y'abaramya by'ukuri n'abaramya by'ikinyoma. Ubwo ni bwo abazakomeza kugomera Imana bazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa.

Turi kwegereza iki gihe mu buryo bwihuse. Igihe amatorero y'Abaporotesitanti azifatanya n'ubutegetsi bw'isi kugira ngo bashyigikire idini y'ikinyoma, bakarwanya ibyo ba sekuruza bakomeyeho bigatuma bihanganyirira itotezwa rikomeye, ubwo nibwo ubutegetsi bw'itorero bufatanyije n'ubwa Leta buzahatira abantu kubahiriza isabato yashyizweho n'ubuyobozi bw'ubupapa. Hazabaho ubuhakanyi bw'ishyamba ryose buzasoreza mu kurimbuka kwaryo.⁵²⁵

523 Letter 98, 1900.

524 *Intambara Ikomeye*, p. 323

525 Manuscript 51, 1899.

Igihe Abantu Bazanga Ikimenyetso cy'Imana: Niba waragejejweho umucyo w'ukuri maze ukaguhishurira Isabato ivugwa mu itegeko rya kane, kandi ukakwereka ko kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru (Sunday) nta shingiro bifite mu Ijambo ry'Imana ariko ugakomeza kwihambira ku isabato y'ikinyoma, ukanga kweza umunsi w'Isabato, uwo Imana yita: "Umunsi wanjye wera" nta kindi gikurikiraho ni ugushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa. Mbese ibyo bibaho ryari? Ni igihe wumvira iteka rigutegeka kuruhuka imirimo yawe ku Cyumweru maze ukajya kuramya Imana kandi uzi neza ko nta jambo na rimwe ryo muri Bibiliya ryerekana ko umunsi wa mbere (Sunday) nta kindi uri cyo uretse ko ari umunsi usanzwe w'imirimo; uba wemeye kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa kandi ukaba wanze ikimenyetso cy'Imana.⁵²⁶

Ingaruka zo Gukerensa Umucyo: Imana yahaye abantu Isabato ngo ibe ikimenyetso hagati yayo na bo, kugira ngo ibe igipimo cy'ubuyoboze bwabo. Abantu bakomeza gusuzugura kandi bakerereza amategeko yashyizweho n'abantu, bakayarutisha ay'Imana kandi baramaze kugerwaho n'umucyo ku byerekeye amategeko y'Imana, bene abo nibagera mu kaga gakomeye kari imbere yacu, bazakira ikimenyetso cy'inyamaswa.⁵²⁷

Kwigengesera mu Kwigisha Ibyerekeye Umunsi w'Icyumweru: Ntabwo dukwiriye gushyirira abantu bemeye kuruhuka isabato y'impimbano yashyizweho n'ubuyobozi bw'Ubupapa buyisimbujye Isabato yera y'Imana. Kuba badafite ibihamba bishingiye kuri Bibiliya bishyigikiye ibyo bizera, bibatera kurushaho kurakara, kandi bibatera gukoresha imbaraga z'ubutware bwabo kugira ngo bazibe icyuho kiri mubyo bavuga bitaboneka mu Ijambo ry'Imana. Ubukana bw'akarengane bukurikira aho ikiyoka giciye. Kubw'ibyo rero, hakwiriye gukoreshwa kwigengesera gukomereye kugira ngo mwirinde ubushotoranyi.

Nimureke Ukuri abe ari ko Gukomeretsa: Ahasatira iherezo ry'ibihe, imbaraga Satani akoresha arwanya abavuganira ukuri zizarushaho gukaza umurego no kudakebakeba. Nk'uko mu gihe cya Yesu abatambyi bakuru n'abakuru b'ubwoko bw'Abayuda bateje umwuka mubi muri rubanda ngo rumurwanye, ni ko no muri iki gihe abayobozi b'amadini bazakangurira abantu kwanga urunuka ukuri kugenewe iki gihe no kukugirira urwikekwe. Abantu bazashorwa mu bikorwa by'ubugome no kurwanya [abavuga ukuri kugenewe iki gihe]. Bizaba ari ibikorwa batajyaga gutekereza iyo badashyirwamo umwuka wa kinyamaswa w'abiyita Abakristo.

None se ni iki abarwanira ukuri bazakora? Bafite Ijambo ry'Imana rihoraho kandi ridahinduka, kandi bakwiriye kuzagaragaza igihamba cyerekana ko bafite ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Amagambo yabo ntakwiriye kuba akakaye kandi akomeretsa. Mu buryo bakoresha bigisha ukuri, bagomba kurangwa n'urukundo, ukwiyoroshya n'ubugwaneza bya Kristo. Nimureke ukuri abe ari ko gukomeretsa, kuko Ijambo ry'Imana ari

526 *Review and Herald*, July 13, 1897

527 *Letter* 98, 1900.

nk'inkota ityaye amugi yombi, kandi rizahuranya rigere ku mutima. Kubwo gukoresha imvugo mbi kandi ikakaye, abantu bazi neza ko bafite ukuri ntibakwiriye guha Satani amahirwe n'amwe yo kugaragaza nabi umwuka ubakorera.⁵²⁸

Guhamagarirwa Kwigisha Imbaga: Neretswe ko Satani yihuta akadusumbya umuvuduko. Satani akoresheje ingabo ze, afite umugambi wo guhindura ubusa amategeko y'Imana. Mu gihugu cyacu cyirata ubwigenge, igihe kizagera umudendeko mu by'adini ugire uherezho. Hazafatwa umwanzuro maze urugamba rushingire ku ngingo y'Isabato, kandi iyo ntambara izanyeganyezwa isi yose.

Igihe dufite tugomba gukorera ni kigufi cyane, kandi Imana iraduhamagara nk'abagabura ndetse n'ubwoko bwayo ngo tube abantu biteguye kujya ku rugamba. Abigisha b'abanyabwenge nk'inzoka kandi bazira amahugu nk'inuma bakwiriye kuza gufasha Uwiteka mu rugamba rwo kurwanya umwanzi Satani. Hari abantu benshi batarasobanukirwa n'ubuhanuzi bwerekeye iyi minsi turimo kandi abo na bo bagomba kumurikirwa.⁵²⁹

GUHANGANA N'IBIBAZO BYEREKEYE KURUHUKA ISABATO

Nta Mpamvu yo Guhagarika Umutima Cyangwa Kugira Ubwoba: Akenshi iyo abakozi bacu bigishije abantu ukuri gushungura kwerekeye Isabato, abantu bamwe bagira gushidikanya kubwo gutinya kwiteza ubukene n'umuruho haba kuri bo ubwabo no ku miryango yabo. Bakavuga bati: 'Yego, icyo uri kugerageza kumbwira kijyana no kubahiriza Isabato y'umunsi wa Karindwi ndacyumva, ariko mfite ubwoba ko nindamuka nduhutse Isabato nzirukanwa ku kazi, bityo sinzabe ngishoboye gutunga umuryango wanjye. Uko ni ko abantu benshi batsimbarara ku myanya y'akazi yo muri iyi isi, maze bagasuzugura itegeko ry'Imana. Ariko aya magambo yo mu Byanditswe byera atwigisha ko Umwami wacu azi ibyacu byose n'imibereho yacu yose (Luka 12:1-7). Asobanukiwe neza n'ibiturushya; kandi yita cyane ku bantu bose bafite umwete wo kumenya Uwiteka. Ntabwo Imana izigera yemerera ko abana bayo bageragezwa ibiruta ibyo bashobora kwihanganira.

Kristo yabwiye abigishwa be ati: "Ntimukiganyire ngo mutekereze iby'ubugingo muti 'Tuzarya iki?' Cyangwa ku by'umubiri muti: 'Tuzambara iki?' Kuko ubugingo buruta ibyokurya n'umubiri uruta imyambaro. Mwitgereze ibikona bitabiba ntibisarure, ntibigira ububiko cyangwa ikigega, nyamara Imana irabigaburira. Mwe se ntimuruta ibisiga cyane? Ni nde muri mwe wabasha kwiyunguraho umukono umwe abiheshejwe no kwiganyira? Nuko ubwo mutabasha gukora igito rwose, ni iki kibaganyisha ibindi? Mwitgereze uburabyo uko bumera: ntibugira umurimo bukora, ntibuboha imyenda, ariko ndabwira yuko Salomo mu bwiza bwe bwose

528 *Review and Herald*, Oct. 14, 1902.

529 *Letter 1*, 1875

atarimbaga nka kamwe muri bwo. Ariko Imana ubwo yambika ubwatsi bwo mu gasozi ityo, buriho none n'ejo bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika mwebwe abafite kwizera guke mwe?

“Ntimugahagarike umutima wo gushaka ibyokurya n'ibyokunywa kandi ngo mwiganyire. Ibyo byose abapagani bo mu isi ni byo bashaka, burya So aba azi ko namwe mubikeneye, Ahubwo mushake ubwami bwe, ni ho ibyo byose muzabyongererwa.” (Luka 12: 22-31).

Muri iyi mirongo, Kristo arigisha abantu amasomo y'agaciro gakomeye yerekeye umurimo we. Ikintu icyo ari cyo cyose wahura na cyo, Yesu aravuga ati: “Korera Imana.” Ingorane zose n'umuruho wose wahura na byo, jya wiringira Uwiteka. Nta mpamvu n'imwe yatuma duhagarika umutima kandi ngo tugire ubwoba twibwira ko imiryango yacu n'incuti zacu bazahura n'ingorane igihe duhagaze mu ruhande rw'ukuri. Uramutse uhagaritse umutima kandi ukagira ubwoba muri ubu buryo kwaba ari ukugaragaza ko utizera Imana. Umukiza wacu aravuga ati: “So wo mu ijuru azi ko ibyo mubikennye.” Turamutse turushijeho kwiga Ijambo ry'Imana uko bikwiriye, ukwizera kwacu kwakwiyongera.⁵³⁰

Ni Igihe cyo Kurambura Ukuboko Gufasha Abandi: Ubu ni igihe cy'ingenzi cyane cyo kwita ku hantu hagaragaye gukangukira kwita ku butumwa. Umugabane munini w'abantu ...uri mu rungabangabo. Yooo! Icyampa ngo Uwiteka ahe ubwenge abagaragu be kugira ngo babashe kubwira abo bantu amagambo azabashishikariza kwemera ukuri no kwegurira Imana ubushake bwabo no kwitanga k'umutima wabo wose. Turasaba Imana ngo ihe kwizera abo bantu bemeye ukuri, bakemera ko umunsi wa karindwi ari wo Sabato y'Uwiteka, kugira ngo boye kuzongera gukurikiza amarangamutima umwanzi ubatera gutekereza ko gufata icyemezo ko kuruhuka Isabato ari ukwigomwa gukomeye cyane.

Bazagira ibyo bahomba mu by'ubu buzima bw'igihe gito, ariko ikiganza kibafasha ntigikwiriye kubura aho hantu. Benshi barabaza bati: “Tuzafasha imiryango yacu dute? Nitumara gufata icyemezo cyo kweza umunsi wa karindwi, tukareka gukora ku Isabato, abakoresha bazahita batwirukana, tube tubuze imyanya twari dufite. Mbese imiryango yacu ntizicwa n'inzara?” Bene abo bantu twababwira iki? Ubukene no kubura ibyo abantu bashaka bigaragara ahanu hose, kandi abantu b'indahemuka ntibazi icyo bakora. Ntibatinyuka kumasha; nyamara bemera rwose ko umunsi wa karindwi ari wo Sabato y'Umwami Imana. Bazi neza ko Imana yahaye umugisha umunsi wa karindwi kandi iwurobanurira umuntu ngo ajye awuruhuka, umubere urwibutso rw'uko Uwiteka ari we waremye isi mu minsi itandatu maze akaruhuka ku munsi wa karindwi.

Iyo tubonye ingorane zihagaze nk'imisozi iri imbere y'ubugingo bwabo, ubukene kuri bo ubwabo ndetse no ku bana babo bukaba bubahanze amaso, imitima yacu ishengurwa n'umubabaro. Umwe muri bo aravuga ati:

530 Manuscript 83, 1909.

“Ndashaka kubahiriza Isabato y’umunsi wa karindwi, ariko nimara kubwira umukoresha wanjye ko nafashe icyemezo cyo kuruhuka Isabato, azaherako anyirukana.” Hari abantu amagana menshi barekereje bategereje kujya mu mwanya wose udafite umukozi. Ibyo nje ubwanjye bimpagarika umutima. Icyo dushobora gukora gusa, ni ukubakomeza ngo bizere Imana kandi tukabasengera. Mbega ukuntu rimwe na rimwe njya nifuza ngo icyampa amadolari agera kuri miliyoni. Icyayampa ngo yose nyakoreshe muri uyu murimo

Benshi bahinduka abantu biyemeje kwica amategeko yera y’Imana bitewe n’ubumwe, ubwumvikane ndetse n’imikoranire bafitanye n’incuti zabo ariko ziyemeje gukorera Satani. Imana ibohereza umucyo wo kubakura mu bushukanyi, nyamara bakanga kwemera Ijambo ry’Imana nk’uko ryanditswe. Bemera ubuyobe, bagahitamo ibinyoma bya Satani mu cyimbo cya; “Ni ko Uwiteka avuga.” Kandi abo bantu bavuganira ikinyoma ni bo batuma abari bamaze kwemera ukuri bibakomerera kukumvira. Mu mirebere ya muntu nta kindi abona imbere y’abubahiriza Isabato uretse kwicwa n’inzara.⁵³¹

Kuruhuka Isabato Ntibizateza Abantu Inzara na Gato: Nta muntu ukwiriye kugira ubwoba bw’uko kuruhuka Isabato y’ukuri bizamuteza kwicwa n’inzara. [Yesaya 58:11-12; Imigani 7:2 na Yesaya 58:14]. Aya masezerano yose ni igisubizo gihagije ku bantu bose bafite inzitwazo zose umuntu yahimba kugira ngo yange kubahiriza Isabato. Nubwo na nyuma yo gutangira gukurikiza amategeko y’Imana byasa n’aho bidashobokera umuntu gufasha umuryango we, nimureke umuntu wese ushidikanya amenye ko Imana yasezeranye kwita ku bantu bose bumvira amategeko yayo.⁵³²

Bisaba Abantu b’Intwari: Kwiyeze gukurikiza amategeko y’Uwiteka bisaba ubutwari. Umunsi umwe, umuntu urwanya ukuri yavuze ko abantu bafite ubwenge buke gusa, b’abapfapfa kandi b’injiji ari bo bafata icyemezo cyo kuva mu matorero yabo bakajya kuruhuka umunsi wa karindwi ari wo Sabato. Ariko umubwirizabutumwa wari warakiriye ukuri yaramusubije ati: “Niba utekereza ko abafata icyo cyemezo ari abafite ubwenge buke, ngaho nawe bigerageze.” Gutera intambwe ukajya mu ruhande rutabarizwamo rubanda nyamwinshi bisaba ubutwari, kudakebakeba, gufata icyemezo ukagikomeraho, kwihangana no guhora ku mavi usenga. Turashimira Imana cyane kuko dufite amahirwe yo gusanga Kristo nk’uko abakene bababaraga na bo bamusanze mu rusengero....

Ntabwo mwahangaye gukandagira amategeko y’Imana, kandi mwateye intambwe mwemera ukuri kutemerwa na rubanda nyamwinshi. Nimureke umusaruro uzabivamo uzabe uko ukwiriye kuba. Mbese hari ubwo Umukiza azigera abatera umugongo ngo abasige muhanganye n’ibibazo muri mwenyine? Oya, nta na rimwe. Ariko, Umukiza ntiyigeze abwira

⁵³¹ Manuscript 19, 1894.

⁵³² Manuscript 116, 1902.

abigishwa be ko batazahura n'ibigeragezo, ko batazabura kwihanganira gusabwa kwiyinga, ndetse ko batazabura kugira ibyo bigomwa. Umwami wacu yari umunyamibabaro wamenyerereye intimba (Yesaya 53:3). Intumwa Pawulo aravugaga ati: "Kuko muzi ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo uko yari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwanyu kugira ngo ubukene bwe bubatungishe" (2 Kor. 8:9). Turashimira Imana ko mu bukene bwanyu mushobora kuvugaga ko Imana ari So.

Ubukene bugiye kugariza iyi si, kandi hazabaho igihe cy'amakuba atarigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho. Hazabaho intambara n'impuha z'intambara, kandi mu maso h'abantu hazahanga. Mushobora kuzababazwa no guhagarika umutima; rimwe na rimwe mushobora kuzasonza, ariko Uwitwaga Imana ntazabatererana mu mibabaro yanyu. Azagerageza ukwizera kwanyu. Ntabwo dukwiriye kubaho turangwa no kwishimisha. Ikitubesheje kuri iyi si ni ukwerekana abayituye Kristo, tukamuhagararira imbere y'inyokomuntu kandi tukaherekanira ububasha bwe.⁵³³

Igihe Kirageze ngo Twishingikirize ku Ijambo ry'Imana: Mu butayu ubwo ibyagombaga gutunga abantu bitabashaga kuboneka, Imana yohereje abantu bayo Manu iturutse mu ijuru; kandi ibibahagije bya buri muni ni byo yakomeje kubaha. Mu kubaha ibyo, kwari ukubigisha yuko bakomeje kwiringira Imana bakagenda mu nzira zayo itazigera ibatererana. Umukiza na we ubu yashyiraga mu bikorwa icyigisho yari yarigishije Abisiraheli. Binyuze mu ijambo ry'Imana Abaheburayo bahawe ubufasha; binyuze mu iryo jambo na none, na Yesu yagombaga gufashwa. Yategereje igihe cy'Imana ngo izane ubutabazi. Yari mu butayu kubwo kumvira Imana, bityo ntiyari kubona ibyokurya abitewe no gukurikiza inama za Satani. Isi yose imuhanze amaso nk'umuhanga, Yesu yahamije ko icyiza ari uko twababazwa n'ibitugerageza kuruta ko twateshuka inzira tukava mu bushake bw'Imana.

"Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose aya mu kanwa k'Imana." Kenshi ukurikira Kristo hari aho agera akisanga atakorera Imana kandi ngo akomeze n'ibyo gushakisha imibereho mu by'iyi si. Ahari bigaragara nk'aho kumvira by'ukuri ibyo Imana isaba bizakuraho inzira zatumaga umuntu abona ibimutunga. Satani agerageza kumwumvisha ko akwiriye kureka icyo myumvire ye. Ariko ikintu cyonyine dukwiriye gushikamaho muri iyi si yacu ni ijambo ry'Imana. "Mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo; ni bwo ibyo byose muzabyongerwa." (Matayo 6:33). Ndetse no muri ubu buzima nta cyiza twabonera mu kuva mu bushake bwa Data wo mu ijuru. Nidusobanukirwa n'imbaraga zo mu ijambo rye, ntabwo tuzakurikira inama za Satani ngo tubashe kubona ibyo kurya cyangwa ngo twikize. Ahubwo ikibazo cyacu kizaba ngo, ni iki Imana idutegeka? Kandi isezerano ryayo ni irihe? Ibi nitubimenya, tuzubaha ibyo idutegeka, kandi twiringire amasezerano yayo.⁵³⁴

533 Manuscript 37, 1894

534 Uwifuzwaga Ibihe Byose, p. 72.

Ihamagara ku Waheze mu Rungabangabo: Umwanzi yahoze akubwira ko ukwiriye gutegereza igihe kizaba ari cyiza biruseho. icyo gihe yari kumwe n'abambari be akwerekana inyungu wabona uramutse utubahirije Isabato, ndetse n'ibihombo wagira mu kuruhuka Isabato. Yari yateguye izo nzitwazo zitari zimwe zitanga impamvu udakwiriye gufata icyemezo cyo kumvira amategeko y'Imana. Satani ni umushukanyi. Aharabika imico y'Imana, kandi na we wemeye igishuko yagushyize imbere. Imitekerereze yawe yose yerekanye ko utiringira So wo mu ijuru.

Ufite ibitekerezo byo kwibwira ko igihe uzaba umaze kugera ku rwego runaka rwo gutunganirwa mu bucuruzi bwawe ari ho uzubahiriza Isabato ivugwa mu itegeko rya kane. Ariko Uwiteka asaba umuntu wese mu bagaragu be kumwumvira atizigamye. Ibyo Imana isaba wari ubizi kandi wagiye ugira ibyo usezeranira Imana. Kandi igihe cyose Satani yagiye akora uko ashoboye kugira ngo atume gufata icyemezo kwawe cyo kuruhuka Isabato birushaho kukubera ibintu bidashoboka. Wakomeje kurushaho kugenda biguru ntege mu kumvira Umwuka w'Imana wagiye ugenderera umutima wawe. Uwiteka yampaye ubutumwa bukugenewe ndetse bugenewe n'abana bawe. Ni ubutumwa bukurikira gutangira gukora inshingano umaze igihe wirengagiza, ukagenda mu mucyo nk'uko Uwiteka nawe ari mu mucyo. Yesu yabwiye umwigishamategeko ati: "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose." Akomeza amubwira ati: "Nubigenza utyo uzagira ubugingo." (Luka 10:27).

Iri ni ijwi ry'Imana rikurikira, wowe n'abana bawe. Amategeko y'Imana ni meza, aratunganye kandi abayakurikiza bose abagirira akamaro. Nawe uzagaragaza ko wubashye uwo wumvira.

Igihe ubwenge bwawe buzaba bumaze kwemera gukurikiza ubushake bw'Imana, maze ukumvira amategeko yayo, mbese utekereza ko Uwiteka atazakwitaho kandi ngo yite ku nyungu zawe z'igihe gito? Warabwiye ugera aho wemeye, ariko ntiwumviye. Watekereje ko ukwiriye gutegereza kugeza ubwo imbere yawe hazaba hari inzira ihariye. Imana yaretse umuntu wese ngo azibarizwe ibijyanye n'ibyo akora. Ibyo Imana isaba ni byo ukwiriye kwitaho ku mwanya wa mbere. Kumvira Imana ni yo nshingano yawe ya mbere, maze ingaruka zizakurikiraho uzirekere mu biganza byayo. Wagize gushidikanya bitewe n'uko ubu udasobanukiwe neza kwemezwa k'umutima wawe kwigeze kukubaho maze ntiwumvire. Ntukeneye kwitega ko hazabaho ukundi kwemeza umutima wawe gukomeye. Ukwiriye kumvira Imana kandi ugahagarara mu ruhande rw'ukuri, waba ubyiyumvamo cyangwa utabyiyumvamo. Ubu inshingano yawe ni ugukora udakebakeba ushingiyeye ku ihame, kandi ugafata imyanzuro utitaye ku ngaruka zizakurikiraho.⁵³⁵

Baho Ukurikije Umurasire wose w'Umucyo Wabonye: Baho ukurikije umurasire wose w'umucyo wakiriye. Inyungu zawe z'iteka ryose ni aha zishingiye, kandi iyi ni yo mpamvu mvuga nti: "Kunda umurasire wose

w'umucyo wahawe." Jya ku mavi maze usabe Kristo koroshya umutima wawe kubw'Umwuka we Wera, maze ufate icyemezo ko utazongera gutandukira amategeko yayo.⁵³⁶

Ibyiza ni Ukubura Umwanya w'Akazi aho Kubura Yesu: Ntugatekereze ko nuramuka wiyemeje gukurikiza ukuri kwa Bibiliya uzatakaza umwanya wawe ku kazi. Ibyiza ni uko watakaza umwanya aho kubura Yesu. Ibyiza ni uko wasangira kwiya n'Umwami wawe kuruta uko wagendera mu nzira yawe bwite wishakira kwirundanyiriza ubutunzi bwo muri ubu buzima. Nta na kimwe muri ubwo butunzi ushobora kuzajyana mu gituro. Nunazuka nta kintu uzazukana, ariko niba ufite Yesu uzaba ufite byose. Ni we ufite ibyo uzaba ukeneye byose kugira ngo utsinde igeragezwa ryo ku munsu w'Imana. None se urumva ibyo bitaguhagije?⁵³⁷

Nimuhagarare Mushikamye: Abantu bashobora kubyutsa intambara z'uburyo bwose uko babishakira, ariko amategeko y'Imana ntahinduka aracyari amategeko y'Imana. Twiyemeje gukurikiza amategeko y'Imana no kugendera muri yo, ndetse tukayarinda nk'uko turinda imboni y'ijisho ryacu. Nimureke abantu bakomeze guhinyura amategeko y'Imana kandi baribatire munsu y'ibirenge byabo ubwoko bw'Imana bukomeza amategeko yayo. Mutekereza ko bakora ibyo maze bakabaho? Ntabwo bishoboka. Imana ifite igipimo cyayo igeresha imico, kandi abayubaha ni bo bazabaho, ndetse abarinda amategeko yayo nk'uko barinda imboni y'ijisho ryabo ni bo na yo irinda.⁵³⁸

Guha Akazi Abantu Bashya Bemeye Kubahiriza Isabato: Mu bantu bakiriye ubutumwa bw'ukuri ahitwa [...] mu itumba rishize, harimo umusore wemeye kureka ishuri kugira ngo abone uko ajya yubahiriza Isabato. Uwo musore yabajijwe icyo ateganya gukora cyazamubeshaho. Yarasubije ati: "Imana yampaye imbaraga z'umubiri, bityo rero nzajya nkoresha amaboko yanjye uko nshoboye kose aho kugira ngo nice amategeko yayo." Abantu bamwe bagize ubwuzu basaba ko yahabwa akazi mu nzu y'icapiro, ariko havamo umuntu umwe aravugaga ati, "Oya. Nagaragaza ko azumvira Imana uko byagenda kose, ubwo ni bwo tuzamenya ko ari we muntu dukeneye muri aka kazi. Ariko nagaragara ko adahamye bihagije ngo abe yakora uyu murimo, azaba atari umuntu dukeneye."

Umuyobozi [.....] yaransanze, ambaza niba ashobora gutera umwete uwo musore. Yatekereze ko akwiriye guhabwa umwanya muri kariya kazi. Naravuze nti: "Imana yo mu ijuru yamweretse uburemere bw'icyubahiro giteganirijwe uzanesha, kandi niba aha agaciro iyo ngororano nk'uko byagenze kuri Mose, aziyemeza guhagarara ashikamye mu ruhande rw'ukuri. Ariko rero byamwangiriza ndetse bikamubera bibi aramutse ashyizwe imbere ikintu kimeze nka ruswa cyangwa amashyamba. Nyamara inshingano yawe ni ukumufasha kugira ngo asobanukirwe ko

536 Manuscript 10, 1894

537 Manuscript 20, 1894.

538 Manuscript 5, 1891

agomba kugendera mu kwizera, ariko kandi ntumutererane ngo arwane uru rugamba wenyine, kubera ko Satani azamuteza ibigeragezo, bityo rero ugomba kumuha ubufasha bushoboka bwose.”⁵³⁹

Gufatanya Ibikorwa Bibyara Inyungu n’Abatubahiriza Isabato: Hakenewe ubugorozi ku byerekeye Isabato muri twe abavuga ko twubahiriza umunsi wera w’ikiruhuko Imana yatanze. Hari bamwe baganira ku byerekeye akazi n’ubucuruzi bwabo kandi bagakora igenamigambi ku munsi w’Isabato. Bene ibi, Imana ibifata kimwe n’uko bahugiye mu mirimo y’ubucuruzi ifatika.

Hari abandi bamenye neza ibihamya bya Bibiliya byerekana ko umunsi wa karindwi ari Isabato, maze bakinjira mu mikoranire n’abantu batubahiriza umunsi wera w’Imana. Umuntu uruhuka Isabato ntakwiriye kwemerera abantu akoresha, kandi ahemba amafaranga ye ko bakora ku munsi w’Isabato. Niba kubera inyungu ararikiye, aramutse yemeye ko imirimo ibyara inyungu afitemo imigabane ikomeza gukora ku munsi w’Isabato n’uwo bafatanyije ariko utari umwizera, uwo witwa umwizera aba ahuje icyaha n’utizera. Kubw’ibyo, uwo mwizera afite inshingano yo gucana umubano na mugenzi we kabone n’ubwo yahomba byinshi bitewe no gufata icyo cyemezo. Abantu bashobora gutekereza ko batashobora kumvira Imana, ariko kuyisuzugura byo ntibyabananira. Abantu batagira icyo bitaho mu kubahiriza Isabato kwabo bazahura n’igihombo gikomeye.⁵⁴⁰

Ubwoko Bumwe bw’Umurimo ku Baruhuka Isabato: Aha tuhasanga itsinda ryiza ry’abantu umuntu yakorera. Kandi kuri benshi muri bo kubahiriza Isabato ntibyakomerera. [-----] ni ahantu bakunda korora inkoko cyane. Hafi y’inzu zose ziri mu nkengero z’umujiyi, uhasanga amazu yororerwamo inkoko. Ntabwo amazu yubatswe ku murongo, ahubwo yubatswe ku buryo inzu itegerana n’indi, ndetse akenshi usanga zizengutswe n’imirima. Bahororeramwo amoko yose y’amatungo yo mu bwoko bw’inkoko, kandi amagi abona isoko ryagutse ahitwa [-----] n’ahitwa [----], kandi bafite ubwato buyajyana mu mujiyi.

Nanditse iki kugira ngo mubashe gusobanukirwa n’uko ibintu biteye. Imiryango myinshi ikura amikoro yo kuyitunga mu bworozi bw’inkoko, kandi iyo miryango ntishobora guteza ibibazo benshi bateza byerekeye kubahiriza Isabato –bishobora kwivanga mu murimo wabo. Bashobora kuruhuka Isabato badafite ubwoba bwo gutakaza akazi kabo.⁵⁴¹

KUBWIRIZA IBYEREKEYE KUDAPFA K’UBUGINGO

Ntukihutire Kwigisha ku Nsanganyamatsiko Zakurura Impaka:-Mu kwigisha abantu ukuri kuvuguruzwa mu buryo butaziguye ibitekerezo n’imikorere by’abantu bisaba gukoresha ubwenge bwinshi. Intumwa Pawulo yari ifite akamenyero ko gutinda cyane ku buhanuzi igihe yabaga ari kumwe

539 Manuscript 26, 1886

540 *Review and Herald*, March 18, 1884

541 *Letter* 113, 1902

n'ubwoko bw'Abayuda, maze akagenda amanuka buhoro buhoro, akagera aho ababwira ibya Kristo nka Mesiya w'ukuri.

Neretswe ko ababwirizabutumwa bacu bihuta cyane mu byo bigisha maze inyinshi mu ngingo zigirwaho impaka cyane zirangwa mu byo twizera bakazizana hakiri kare cyane. Hariho ukuri kwinshi kutazakurura impaka gukwiriye gushyirwa imbere y'abantu uko umunsi uhita undi ukaza, ndetse kukanavugwa mu byumweru runaka mbere y'uko ingingo y'Isabato no kudapfa k'ubugingo zitangira kwigishwaho. Ubwo ni bwo abantu babagirira icyizere kuko babona ko muri abantu bafite ibitekerezo byumvikana kandi bifite ireme. Bityo rero batekereza ko musobanukiwe n'Ibyanditswe Byera. Igihe rero bamaze kukugirira icyizere, ubwo ni bwo igihe gikwiriye kiba kigeze ngo utangire uvugire mu ruhamye ingingo zivuga iby'Isabato no kudapfa k'ubugingo.

Ariko abantu badashishoza bazana izo ngingo mbere y'igihe, bityo muri ubwo buryo bigatuma abantu batabatega amatwi mu gihe iyo bakoresha ubushishozi bukomeye, kwizera gusumbye, ndetse n'ubwenge bari kubatwara intambwe ku ntambwe bakabigisha ibintu by'ingenzi bivugwa mu buhanuzi kandi bakabaganiriza birambuye ku ngingo zifatika ziri mu nyigisho za Kristo.⁵⁴²

Bumwe mu Buyobe Bukomeye: Muri iki gihe ubuyobe bw'uburyo bwose buragenda bwinjizwa [mu itorero]. Ukuri kweruye ko mu Ijambo ry'Imana kugenda gutwikirwa n'inyigisho nyinshi zahimbwe n'abantu. Ibinyoma by'injyanamuntu bigenda byigishwa nk'aho ari ukuri abantu bose bagomba kubaha. Kwiyoroshya kuranga kubaha Imana by'ukuri usanga gutwikirizwa imigenzo.

Inyigisho yerekeye ukudapfa k'ubugingo ni ikinyoma kimwe umwanzi akoresha ayobya umuntu. Iki kinyoma kandi cyemerwa n'abantu hafi ya bose batuye ku isi.... Iki ni kimwe mu binyoma byahimbiwe mu isinagogi y'umwanzi, ni kimwe mu nzoga z'uburozi zenzwe na Babuloni. "Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bw'uwo mudugudu, kandi abami bose bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara. Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti, "Bwoko bwanjye nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo." (Ibyah. 18.3-4).⁵⁴³

Shimangira Ubugingo Bubonerwa muri Yesu: Ikibazo cy'inyigisho ivuga ibyo kudapfa k'ubugingo kigomba kwitonderwa bikomeye, nibitaba bityo igihe umwigisha akivugaho hashobora gutangira impaka zimbitse kandi zikomeye zizafungira imiryango uburyo buruseho bwo gusesengura ukuri.

542 Letter 48, 1886

543 Review and Herald, March 16, 1897

Mu kuvuga ku ngingo zinjira mu ntekerezo z'abantu ndetse no mu gihe cyo gutanga impamvu z'ibyiringiro dufite, hasabwa kugira ubwenge bukomeye. Ni ibihe byiringo dufite tugomba gutangira impamvu? Ni ibyiringo by'ubugingo buhoraho tubonera muri Yesu Kristo.... Mutinda bikabije ku bitekerezo n'inyigisho bidasanze maze umutima w'umuntu utizera ntukorweho ngo worohe, bityo kugerageza kumukangura bikaba nko guhonda icyuma gikonje...

Buri gihe dukeneye ubwenge kugira ngo tumenye igihe tugomba kuvuga n'igihe tugomba guceceka. Ariko iyo tuvuga ibyerekeye ibyiringiro by'ubugingo buhoraho, iteka tuba dufite umutekano usesuye. Kandi igihe imitima yacu izaba imaze gushongeshwa no kwigarurirwa n'urukundo rwa Yesu, ikibazo kizaba iki ngo, "Mwami, nkore iki ngo nkizwe?"⁵⁴⁴

Ubwenge Bukenewe mu Kwigisha Ibyerekeye Ukuri Gushungura Imitima: Muri rusange, umurimo wacu wagenze gahoro mu duce tutaragerwamo n'ubutumwa. Inzitizi zabiteye ni ikibazo cy'Isabato y'umunsi wa karindwi. Ahongaho ni ho hari igihindizo gikomeye gifunga inzira y'umuntu wese wemera ukuri.

Hariho n'ukundi kuri. Twavugaga nk'ukuri kwerekeye ukudapfa k'ubugingo no kugaruka kwa Kristo ubwe aziye ku bicu byo mu ijuru aje kuri iyi si mu gihe gito. Ariko uko kuri kombi ntikugibwaho impaka cyane nk'Isabato. Hari bamwe bazemera ukuri nk'uko kuri kubera ko ari ukuri kwa Bibiliya, kandi bakaba bakunda kunyura mu nzira yo kumvira amategeko yose y'Imana. Izo ngingo zikunze kugibwaho impaka zirangwa mu kwizera kwacu zizaba intaza mu nzira ku bantu benshi badashaka kuba ishyanga ryihariye, ubwoko bwatoranijwe kandi butandukanye n'ab'isi. Ni cyo gituma hasabwa gukoresha ubwenge n'ubushishozi bwinshi mu byerekeye uko ukuri kwashyirwa imbere y'abantu. Hariho intego zisobanutse neza ziba zigomba kugerwaho mu itangira ryo kubwiriza abantu ubutumwa. Nubwo imigambi n'uburyo bwakoreshejwe byaba byari bitandukanye, nubwo kandi byaba byarabaye ngombwa kwifashisha amikoro menshi mu buryo bugaragara, haba harabonetse umusaruro mwiza biruseho.⁵⁴⁵

Iyambure Umwambaro w'Intambara: Iyo ababwirizabutumwa bamwe batayobowe na Kristo babonye ko imbere yabo hari abatizera batemeranya na twe ku bitekerezo byacu byerekeye ukudapfa k'ubugingo, bumva bafite ishyaka ryo guhita babwiriza kuri iyo ngingo. icyo kiba ikibwirizwa abateze amatwi baba batiteguye kwakira, kandi nta kindi icyo kibwirizwa kimara uretse kongera urwikekwe rwabo no kubyutsa umwuka wo guhangana. Iyo bigenze bityo, ibyiza byajyaga kugerwaho iyo uwo mukozi aza kuba yakurikije inzira y'ubwenge, byose birazimira. Abamuteze amatwi barushaho kwinangira mu kutizera kwabo. Imitima y'abantu iba yaratsinzwe ikagarurirwa Kristo, ariko ntibyabayeho kuko umubwiriza yambaye

⁵⁴⁴ Letter 12, 1890

⁵⁴⁵ Letter 14, 1887

umwambaro w'intambara. Aba bantu bagaburiwe ibyokurya bikomeye, bityo imitima yagombye kuba yaragaruriwe Kristo yarushijeho kwigizwa kure ye kuruta uko bari bameze mbere.

Dukwiriye gufasha hasi umwambaro wo guhangana n'umwuka usembura impaka. Niba dushaka gusa na Kristo, tugomba gusanga abantu aho bari.⁵⁴⁶

Gusobanukirwa Neza ni Ingenzi: Gusobanukirwa neza n'icyo "ibyanditswe bivuga" ku byerekeye uko abapfuye bamera, ni ingenzi muri iki gihe. Ijambo ry'Imana rivuga ko abapfuye nta cyo bazi, urwango rwabo n'urukundo rwabo byose birarangira. Tugomba kuza ku ijambo ry'ukuri ryahanuwe akaba ari ryo rituyobora. Keretse gusa nituba abanyabwenge basobanukiwe Ibyanditswe Byera, naho ubundi nibitaba bityo, igihe imbaraga ya Satani ikora ibitangaza bikomeye izigaragariza mu isi yacu, dushobora kuzashukwa maze tuyitiranye n'imirimu y'Imana; kuko Ijambo ry'Imana rivuga ko Satani azayobya n'intore niba bishoboka. Niba tudashinze imizi mu kuri ngo tugushikamemo, tuzatembanwa n'imitego y'ikinyoma ya Satani. Tugomba komatana na Bibiliya zacu. Satani nashobora kugutera kwizera ko mu Ijambo ry'Imana harimo ibintu bitahumetswe n'Imana, ubwo azaba yiteguye kugusha ubugingo bwawe mu mutego.⁵⁴⁷

UBUTUMWA BWEREKEYE UBUSONGA BWA GIKRISTO

Igisha Umuntu Wese Uhindutse: Umuntu wese umaze guhinduka agomba guhabwa umucyo ku byerekeye ibyo Uwiteka asaba bijyanye n'icyacumi n'amaturu. Ibintu byose abantu bishimira biba bivuye mu bigega by'Imana kandi ishimishwa no kubona abaragwa bayo banezwe ibyo ibaha. Ariko Imana yagiranye amasezerano n'abantu bese bageze muni y'ibendera risizwe amaraso y'Igikomangoma Emanweli ko bagomba kugaragaza ko Imana ari yo bakesha kubaho ndetse ko ari yo bagomba kumurikira ibyo bakora babinyujije mu kugarura mu bubiko bwayo umugabane runaka w'ibyayo. Ibyo bagarura bigomba gukoreshwa mu gushyigikira umurimo w'ibwirizabutumwa ugomba gukorwa kugira ngo hasohozwe inshingano Umwana w'Imana yabahaye mbere yo gutandukana n'abigishwa be.⁵⁴⁸

Buri Muntu ni Isaro mu Munyururu w'Agakiza: Umuntu uhindutse umwana w'Imana aba akwiriye guhita yibonamo ko ari isaro rimwe mu masaro agize umunyururu waramburiwe gukiza abatuye isi, akaba ari umwe na Kristo mu mugambi we w'imbabazi, akajyana na we gushaka no gukiza icyazimiye.⁵⁴⁹

Inshingano y'Ababwirizabutumwa: Kwigisha abantu ugejeje ku kuri ko bagomba kuzana icyacumi mu bubiko nk'uburyo bwo kwerekana ko

546 *Manuscript* 104, 1898

547 *Review and Herald*, Dec. 18, 1888.

548 *Manuscript* 123, 1898

549 *Ministry of Healing*, p. 105. (1905)

babeshwaho n'Imana ndetse ko ari yo ibagize, iyo ni imwe mu nshingano zawe nk'umubwirizabutumwa. Bakwiriye guhabwa umucyo wuzuye ku birebana n'inshingano yabo yo kugarurira Imana ibyayo. Itegeko ryo gutanga icyacumi rirumvikana neza ku buryo nta rwitwazo umuntu ashobora kugira ngo abashe kuryirengagiza. Niba wirengagiza kwigisha abantu bihannye vuba iby'iri hame, haba hari umugabane w'ingenzi cyane w'umurimo wawe uba usize udakoze.⁵⁵⁰

Kuyobora Itorero Rihanzwe Vuba: Umukozi uhanga amashami mato hirya no hino ntakwiriye kwereka abakiriye ukuri vuba ko Imana itabasaba bose gukora umurimo bafasha mu gikorwa cyo gushyigikira umurimo wayo mu buryo bwo gukoresha amaboko yabo no gutanga ku mutungo wabo....

Bose bari bakwiriye kwigishwa ko bagomba gukorera Shebuja icyo bashoboye cyose; bakagira icyo bamugarurira bakurikije uko yabaronkesheje. Abasaba kumugarurira kimwe mu icumi cy'ibyo bungutse, cyaba gito cyangwa se kinini. Kandi abacyigumanira bakanga kugitanga, baba bibye Imana ibyayo ndetse ntibaba bakwiriye kwitega ko ibiganza byayo bitanga imigisha bizabana na bo. Kabone n'ubwo itorero ryaba rigizwe ahanini n'abakene, inyigisho yo gutangana ubuntu ikwiriye gusobanurwa iherewe mu mizi, kandi iyo gahunda igakurikizwa uko bikwiriye. Imana ishoboye gusohozza amasezerano yayo. Uburinzi bwayo ntibugira akagero, kandi bwose ibukoresha mu gusohozza ubushake bwayo. Iyo ibonye abantu bayikiranukira mu gutanga icyacumi, mu buntu bwayo bwuje ubwenge butagerwa, ikingura izindi nzira zituma icyacumi kizarushaho gutubuka. Umuntu ukurikiza gahunda Imana yagennye muri duke yamuhaye, azabigarurirwa nk'uhawe byinshi mu butunzi bwe.⁵⁵¹

Igipimo cyo kuyoboka Imana: Data wa twese uri mu ijuru aduha impano kandi adusaba kugira umugabane tumugarurira, kugira ngo abashe kugera ubuyobohe bwacu arebe ko dukwiriye kuzaragwa ubugingo buhoraho.⁵⁵²

Ingingo Igomba Guhora Yigishwa mu Bwitonzi: Abigisha b'Ijambo ry'Imana ntibakwiriye kugira agace na kamwe k'inama y'Imana bazigama batakabwiye abantu. Nibitagenda bityo, abantu ntibazamenya inshingano yabo, kandi ntibazasobanukirwa n'icyo Imana ibashakaho, bityo basitare maze bagwe mu irimbukiro

Nimutyo he kugira umuntu n'umwe wirengagiza gutanga amabwiriza atunganye kandi yumvikana neza yerekeye kugarura icyacumi. Nimutyo habeho amabwiriza yerekeye kugarurira Imana ibyo isaba ko ari ibyayo; kuko Uwituka atazemera kandi ngo ashime abantu bamwiba icyacumi n'amaturu. Bizaba ngombwa ko akenshi abantu bibutswa inshingano yabo kuri iyi ngingo yo gutanga icyacumi n'amaturu kugira ngo bajye bazirikana

550 Letter 51, 1902

551 Gospel Workers, p. 222, 223. (1915).

552 Testimonies, Vol. 3, p. 403. (1875)

kugarurira Imana ibyayo. Umuntu wigisha abantu bwa mbere ibyerekeye ukuri akwiriye kudakebakeba mu kwigisha iby'iyi ngingo kandi ukomeza kwita kuri abo bantu nawe asobanure neza ibyo Imana isaba ku byerekeye icyacumi, kugira ngo abantu babashe kubona ko mu ngingo zose abakorera Imana bigisha bagenda barasa ku kuri kumwe ndetse ko bahuje ibitekerezo mu kubashishikariza kumvira ibyo Imana isaba byose.

Ariko nimureke abakozi bagire ubushishozi bityo be kugaburira impinja ibyokurya bikomeye. Ahubwo nibazigaburire amata y'ukuri y'Ijambo ry'Imana. Ntuzigere na rimwe ufata ibitekerezo byawe bwite n'ibikujemo byose ngo ubivange n'ukuri ndetse ngo amategako n'amateka y'Imana uyatwikirize imigenzo n'ibihimbano [by'abantu]. Reka abantu bigishwe ukuri nk'uko kuri muri Yesu.⁵⁵³

Umurimo Wirengagijwe: Tugomba kubwira abatuye isi ubutumwa bw'imbuze. None se umurimo wacu tuwukora dute? Bene Data, mbese mubwiriza igice kimwe cy'ukuri mubona ko gushimisha abantu mu gihe ibindi bice bigize umurimo bisigara bitagejejwe ku musozo? Mbese bizaba ngombwa ko hagira undi muntu uzajya aza aho muvuye, azanywe no gushishikariza abantu inshingano yabo yo kuzana icyacumi cyose n'amaturu ngo bishyirwe mu bubiko bw'Uwiteka? Uyu ni wo murimo w'umugabura, ariko ikibabaje ni uko wirengagijwe. Abantu bibye Imana ibyayo kandi iryo kosa ryarihanganiwe kubera ko umugabura atashatse kubabaza abavandimwe be. Abo bantu Imana ibita ibisonga bikiranirwa.⁵⁵⁴

Icyacumi cy'Ukuri, Amikoro Akwiriye: Iyaba amikoro yashyirwaga mu bubiko nk'uko gahunda y'Imana iri rwose, -(hagatangwa icyacumi cy'ibyungukwa byose)- haboneka amikoro ahagije yo guteza umurimo w'Imana imbere.⁵⁵⁵

Umusaruro Ukoreshwa mu Kubwiriza Ubutumwa: Mu buntu bw'Imana, abantu bikoreye umutwaro w'umurimo wayo bagiye bashishikarira gushyira amaraso mashya mu buryo bw'imikorere bwari busanzwe, ndetse no guhimba uburyo bushya n'imigambi mishya byo gukangurira abizera b'itorero guhuriza hamwe imbaraga kugira ngo bageze ubutumwa ku batuye isi. Bumwe mu buryo bushya bwakoreshwa mu kugera ku batizera ni gahunda y'umusaruro wo kubwiriza ubutumwa. Mu myaka mike ishize iyo gahunda yakoreshejwe ahantu hatari hake kandi yatanze umusaruro, izanira abantu benshi umugisha, kandi yongera amikoro yinjiraga mu mutungo w'ibwirizabutumwa. Igihe abo tudasangiye kwizera bamenyeshwaga iterambere ry'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu bihugu by'abapagani, bagize impuhwe kandi bibatera kugira ubwuzu, ndetse bituma bamwe muri bo bashaka kumenya byinshi byerekeye ukuri gufite imbaraga nk'izo zo guhindura imitima n'imibereho y'abantu. Ubutumwa bwageze

553 *Manuscript* 39, 1895.

554 *Review and Herald*, July 8, 1884.

555 *Testimonies*, Vol. 5, p. 150. (1882)

ku bagabo n'abagore bo mu nzego zose kandi izina ry'Imana ryahawe icyubahiro.⁵⁵⁶

Kwirinda Gukoresha Uburyo bw'Ab'Isi: Tubona ko amatorero yo muri iki gihe ashishikariza abantu gukoresha iminsi mikuru, kurya bikabije no kwishimisha binyuze mu gusangira nimugoroba, imurikagurisha, ibitaramo byo kubyina cyangwa se ibirori bigamije gusonzoranya amikoro yinjira mu mutungo w'itorero. Ubwo ni uburyo bwahimbwe n'ubwenge bwa kamere hagamijwe kubona umutungo kandi hatabayeho kwigomwa...

Nimutyo twirinde ubwo buryo bwo kugusha neza abantu itorero rikoresha, twirinde uko kwishimisha n'ibirori by'iminsi mikuru bifite imbaraga yo guteshura urubyiruko n'abakuze ku mico mbonera. Ntabwo dukwiriye kwambika bene ibyo bikorwa umwambaro w'ubutungane bitewe n'uko amikoro abivamo aba agomba gukoreshwa mu migambi y'itorero. Amaturo atuwe muri bene ubwo buryo ahwanye no gutamba itungo ricumbagira cyangwa se irirwaye kandi ayo maturo aba ariho umuvumo w'Imana. Ayo maturo aba ari ikiguzi cy'ubugingo bw'abantu. Abahagarara ku ruhimbi bashobora gutaka ibyiza byo gukoresha ibitaramo nk'ibyo, ibirori, kubyina, tombora, imurikagurisha n'iminsi mikuru irangwamo gusesagura kugira ngo haboneke amikoro yo gukoreshwa mu migambi y'itorero; ariko ndabagira inama ngo ntitukagire ibintu nk'ibyo twitabira; kuko nitubytabira Imana itazatwimira. Ntabwo tubagira inama yo kwifashisha ipfa n'irari ry'ibyokurya cyanywa gukoresha ibinezeza umubiri ngo bikoreshwe nk'uburyo bwo kureshya abavuga ko ari abayobohe ba Kristo kugira ngo bakunde batange ku butunzi Imana yabaragije. Nibadatangana umutima ukunze kubera urukundo bakunda Kristo, ituro ryabo ntirizigera na gato ryemerwa n'Imana.⁵⁵⁷

Twoye Gutwarwa n'Ibirori no Kwishimisha: Birababaje cyane kubona kuzirikana ibyera kandi bizahoraho bidaite imbaraga yo gukingura imitima y'abiyita abayobohe ba Kristo ngo babashe gutanga amaturo y'ubushake yo gushyigikira umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza nk'uko byakorwa no kugusha neza bashukwashukwa binyuze mu gukoresha ibirori na gahunda zo kwishimisha. Birababaje rwose kubona koshyosha abantu gutyo bizagira imbaraga naho ibintu byera kandi bizahoraho bikazabura imbaraga zo gutera imitima y'abantu kugira uruhare mu mirimo y'ubugiraneza.

Gahunda yashyizweho na Mose mu butayu yo gukusanya amikoro yo kubaka ihema ry'Imana yageze ku ntego bikomeye. Ntabwo byabaye ngombwa ngo abantu bahatirwe kugira icyo bakora. Mose ntiyakoresheje iminsi mikuru ikomeye. Ntabwo yatumiye abantu ngo baze mu myidagaduro, babyine kandi ngo bishimishe mu buryo bwose. Yewe, nta n'ubwo yigeze akoresha ibya tombora cyangwa ikintu cyose cya gipagani kugira ngo abone amikoro yo kubaka ihema ry'Imana mu butayu. Imana

⁵⁵⁶ *Counsels on Stewardship*, p. 190, 191. (1874).

⁵⁵⁷ *Consels on Stewardship*, p. 201, 202, (1878).

yategetse Mose ngo abwire abana ba Israyeli kuzana amaturu. Mose yagombaga kwemera impano za buri muntu wese watanganaga umutima ukunze, uko yabigambiriye. Ayo maturu atanganywe umutima w'ubushake yabaye menshi cyane ku buryo Mose yababwiye ngo nibarekere aho birahagije. Bagombaga kurekeraho kuzana impano zabo kuko ibyo bari batanze byari birenze amikoro yari akenewe.⁵⁵⁸

Mbese isura ihabwa abatizera ni iyihe? Urugero rwera ngenderwaho rwashyizweho n'Ijambo ry'Imana rucishwa bugufi rukagezwa mu mukungugu. Imana irasuzugurwa ndetse n'izina ry'Ubukristo rigasuzugurwa. Amahame apfuye bikabije ashyigikirwa n'ubu buryo bwo gukusanya amikoro budashingiye ku Byanditswe Byera. Kandi ubwo buryo ni bwo Satini yishimira. Abantu benshi bagenda basubiramo icyaha Nadabu na Abihu bakoze. Mu murimo w'Imana bakoresha umuriro usanzwe aho gukoresha umuriro wera. Ntabwo Uwiteka yemera bene ayo maturu.

Bene ubwo buryo bwose bukoreshwa bugamije kuzana amafaranga mu bubiko bw'Uwiteka ni ikizira kuri We. Kwitanga kw'icyitiriro ni ko kuzana bene migambi. Oh! Mbega ubuhumyi, mbega gutwarwa kw'agahararo kuri ku bantu benshi bavuga ko ari Abakristo! Abizera b'itorero basigaye bakora nk'uko abaturage bo mu isi yo mu minsi ya Nowa bakoraga, igihe kwibwira kw'imitima yabo kwahoraga mu bibi gusa. Abantu bose bubaha Imana bazazinukwa bene iyo migirire kuko babufata ko ari ugutesha agaciro idini ya Yesu Kristo.⁵⁵⁹

Ubusonga bw'Umuntu: Itegeko ry'izahabu riracyafite ubusobanuro bwimbitse cyane. Umuntu wese wagizwe igisonga cy'ubuntu bw'Imana butagira akagero ahamagarirwa kubageza ku bantu bari mu bujiji n'umwijima, akabikora nk'uko yifuza ko yabikorera aramutse ari mu cyimbo cyabo. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Abagiriki n'abatari Abagiriki, abanyabwenge n'abaswa mbafitiye umwenda." (Abaroma 1:14). Kubw'ibyo wamenye byose ku rukundo rw'Imana, n'ibyo wakiriye byose ku mpano nyinshi z'ubuntu bwayo ukaba ubirusha abantu bagoswe n'umwijima w'icuraburindi ndetse n'ab'insuzugurwa bari kuri iyi si, ubafitiye umwenda wo kubaha kuri izo mpano wahawe.⁵⁶⁰

KWIGISHA IBIKUBIYE MU BITABO BY'UMWUKA W'UBUHANUZI

Abizera Bashyashya Bakeneye Gusobanurirwa Bihagije: Uko imperuka irushaho kutwegera, ni ko umurimo wo kubwira abatuye isi umuburo uheruka waguka. Ni ingenzi cyane ko abemera ukuri kugenewe iki gihe basobanukirwa neza ibyerekeye imiterere n'ubushobozi bw'Ibihamya, ibyo Imana mu buntu bwayo yahuje n'umurimo w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu uhereye mu itangira ryabwo.⁵⁶¹

558 *Counsels on Stewardship*, p. 203. (1874).

559 *Counsels on Stewardship*, 205. (1896).

560 *Mountain of Blessing*, p. 193. (1896).

561 *Testimonies*, vol. 5. p. 654. (1889).

Uburyo Imana Yigisha Abantu Muri iki Gihe: Mu bihe bya kera, Imana yavuganiraga n'abantu mu kanwa k'abahanuzi n'intumwa. Ariko muri iki gihe ivuganira na bo mu bihamya by'Umwuka wayo. Ntabwo higeze kubaho igihe Imana yigishaga abantu ishyizeho umwete kurenza uko ibigisha muri iki gihe ibyerekeye ubushake bwayo ndetse n'inzira yifuza ko bakurikira.⁵⁶²

Byirengagijwe Incuro Nyinshi: Ibihe byinshi abagabura birengagiza amashami y'ingenzi y'umurimo w'ibwirizabutumwa. Ayo mashami ni aya: Ivugurura mu by'ubuzima, impano z'umwuka, ibikorwa by'ubugiraneza biteguwe neza, ndetse n'andi mashami akomeye y'umurimo w'ibwirizabutumwa. Bitewe n'imihati y'abo bagabura, umugabane munini w'abantu ushobora kwakira ukuri, ariko uko igihe gihita bigaragara ko hari abantu benshi batazashobora gutsinda ishungura ry'Imana. Umubwirizabutumwa yubakishije ibyatsi, ibiti, n'ibikenyeri ku rufatiro kandi ibyo bikoresho bizakongorwa n'umuriro w'ibigeragezo.⁵⁶³

Umwuka w'Ubuhanuzi Ntugomba Gusimbura Bibiliya: Ibihamya byanditswe na mushiki wacu Ellen White ntibikwiriye kugirwa nyambere [mu myigishirize y'ubutumwa bwiza]. Ijambo ry'Imana ni ryo rugero ngenderwaho rutibeshya. Ibihamya byanditswe na Ellen White ntibigomba gusimbura Bibiliya. Abizera bose bakwiriye kwigengesera cyane mu kubaza ibibazo [birebana n'Ibihamya], kandi igihe wavuze ibihagije iteka baba bakwiriye kurekeraho [kubaza]. Reka abantu bose bashimangire ibyo bashikamyeho bashingiye ku Byanditswe Byera kandi berekane ko ingingo yose bavuga ari ukuri bakoresheje ibihamya bakura mu Ijambo ry'Imana ryahishuwe.⁵⁶⁴

Ibihamya Ntibikwiriye Kuza Mbere ya Bibiliya: Uko turushaho kureba ku masezerano Imana yaduhaye mu Ijambo ryayo, ni ko arushaho kutugaragarira arabagirana. Uko turushaho kuyimenyereza no kugendera muri yo, ni ko turushaho kuyasobanukirwa byimbitse. Aho duhagaze ari naho kwizera kwacu gushingiye ni muri Bibiliya. Ntabwo twifuza na gato ko hagira umuntu uzana Ibihamya mbere ya Bibiliya.⁵⁶⁵

Umugambi w'Ibihamya: Ijambo ry'Imana rirahagije kugira ngo rimurikire ubwenge bubudikiwe n'umwijima ukabije, kandi rishobora kumvikana ku bantu bafite inyota yo kurisobanukirwa. Ariko nubwo bimeze bityo, abantu bamwe bavuga ko biga Ijambo ry'Imana ni bo usanga barangwa n'imibereho ihabanye n'inyigisho zaryo zumvikana neza. Kubw'ibyo rero, kugira ngo abagabo n'abagore batagira urwitwazo, Imana itanga ibihamya byumvikana neza kandi bidakebakeba, ikabagarura ku Ijambo ryayo birengagije gukurikiza. Ijambo ry'Imana ryuzuyemo amahame rusange afasha mu kubaka imico itunganye, kandi Ibihamya,

562 *Testimonies*, vol. 5, p. 661. (1889)

563 *Review and Herald*, Dec. 12, 1878

564 *Letter* 12, 1890

565 *Manuscript* 7, p. 1894

byaba ibiri rusange n'ibireba abantu ku giti cyabo, byatangiye kugira ngo bikangurire abantu kwita kuri ayo mahame.⁵⁶⁶

Umucyo Mwinshi n'Umucyo Muto: Bibiliya ntiyitabwaho cyane nk'uko bikwiriye, bityo Uwiteka yahaye abagore n'abagabo umucyo muto wo kubayobora ku mucyo mwinshi.⁵⁶⁷

Ingero: Kwigisha Ibyerekeye Umwuka w'Ubuhanuzi: Umukuru -----⁵⁶⁸yirinze gushyamirana n'abarwanyaga ukuri. Ahubwo yigishije Bibiliya neza mu buryo busobanutse ku buryo bigaragara neza ko umuntu wese uvuga ibihabanye n'ibyo abikora avuguruza Ijambo ry'Imana.

Ku wa gatandatu nimugoroba no ku Isabato mu gitondo yavuze ku byerekeye impano z'umwuka, yibanda cyane ku Mwuka w'ubuhanuzi. Abari bahari yigisha bavuze ko iyo nsanganyamatsiko yayisesenguye mu buryo bwumvikana neza kandi bukora ku mutima.⁵⁶⁹

Mu myigishirize ye, umukuru-----yerekanye ko Umwuka w'ubuhanuzi ufite uruhare rw'ingenzi mu gushimangira ukuri. Igihe yari arangije umurimo we, yarampamagaye....kugira ngo ngire icyo mbwira abantu.⁵⁷⁰

Tanga Igihe cyo Kugereranya Ibimenyetso Bifatika: Mu iyerekwa rya nyuma nagiriye i Battle Greek, neretswe ko hari imikorere mibi yaberega ahitwa-----ku byerekeye amayerekwa yabagaho icyo gihe cyo kuhahanga itorero. Ahitwa ----- hariyo abantu bamwe bari abana b'Imana nyamara bashidikanyaga ku mayerekwa. Abandi bo ntibayarwanyije ariko ntibanatinyutse kugaragaza ko bayemera rwose. Bamwe barayahakanaga cyane kandi bari bafite impamvu ihagije yo kuyahakana. Amayerekwa atari ay'ukuri n'ibikorwa by'ubwaka, ndetse n'imbuta mbi zakurikiyeho, byagize ingaruka ku murimo w'ahitwa -----, ku buryo abantu baho bagiriye ishyari ikintu cyose cyitwa iyerekwa. Ibi bintu byose byagombaga kwitabwaho kandi hagakoreshwa ubwenge n'ubushishozi. Ntabwo hagombaga kubaho gushyamirana cyangwa gukorana n'abantu batarigera babona umuntu ari mu iyerekwa, kandi batigeze bimenyera ubwabo akamaro k'amayerekwa. Ntabwo bene abo bantu bakwiriye kuvutswa ibyiza n'amahirwe bagomba kubonera mu itorero, iyo imigendere yabo ya Gikristo iza kuba itunganye, kandi bakaba barangwa n'imico myiza ya Gikristo.

Neretswe ko bamwe muri bo bakwiriye guhabwa inyangirakuri zicapwe zivugaga ku mayerekwa, bityo bakamenyera igiti ku mbuto cyera. Abandi nabo bameze nka Tomasi washidikanyaga. Ntabwo bashobora kwemera Ibihamya byanditswe, cyangwa ngo bakire ibihamya biciye mu buhamya bw'abandi, ahubwo baba bagomba kwirebera kandi no kwibonera ibihamya

566 *Testimonies*, vol. 5, pp. 663,664. (1889)

567 *Colporteur Evangelist*, p. 37, (1902).

568 *Izina ry'uyu muntu ryaretswe ku bushake abyumvikanyeho n'umwanditsi*

569 *Letter* 388, 1906

570 *Letter* 400, 1906.

ubwabo. Abo rero ntibagomba gushyirwa iruhande ngo birengagizwe, ahubwo bidusaba kubihanganira cyane no kubakunda kivandimwe kugeza ubwo bazifatira umwanzuro w'uruhande bahereramo, noneho bakemera ibyavuye mu iyerekwa cyangwa se bakabirwanya. Niba biyemeje kurwanya amayerekwa badafite icyo bayaziho, niba kurwanya amayerekwa kwabo bagukomeza kugeza n'igihe barwanya ibyo batigeze bamenya, kandi bakumva babangamiwe igihe abizera bamwe bavuga ko amayerekwa ari uburyo Imana ivuganiramo na bo mu materaniro, ndetse ko bahumurizwa n'amagambo avugwa mu iyerekwa, icyo gihe itorerero rishobora kumenya ko bariya barwanya amayerekwa batari mu kuri.⁵⁷¹

Abantu Batewe Gufata icyemezo Igihe Kitageze: Neretswe ko abantu bamwe, by'umwihariko abo mu itorerero rya-----, bafata iyerekwa nk'itegeko abizera bose bagomba gusuzumirwaho; kandi bakoze ibyo jye n'umugabo wanyije tutigeze dukora na rimwe. Bamwe muri bo ntibanzi kandi ntibazi n'imirimo yanyije, nyamara bahakana byimazeyo ikintu cyose cyitwa iyerekwa. Ibyo birasanzwe, ariko bashobora guhindura imyumvire bamaze kubyibonera. Niba abantu bataremara iby'iyerekwa si byiza kubigizayo. Uburyo bwiza bwo kubitwaraho bwaboneka mu Bihamya by'Itorero, (umuzingo wa 1, p. 328, 329)⁵⁷², niringira ko abantu bose bazagisoma. Abagabura b'ubutumwa bwiza bakwiriye kugirira impuhwe abantu bakabakura mu muriro. Abagabura batoranyijwe n'Imana bakwiriye kugira ubwenge bwo guha buri muntu wese ibyokurya bye bwite, kandi iryo tandukaniro bakarikora ku bantu batandukanye bakurikije ibisabwa ku kuntu bamerewe. Inzira yakurikijwe na bamwe ahitwa ----- kandi tutaziranye, ntiyigeze irangwamo ubushishozi no kudakebakeba. Abantu batari bazi na mba iby'iyerekwa bafatwaga kimwe n'abasanzwe barakiriye umucyo mwinshi kandi bafite ubunararibonye mu byerekeye iyerekwa. Bamwe muri bo bagiye basabwa gutanga ubuhamya bwemeza ibyerekeye iyerekwa, kandi batajyaga kubikora babyibwirije. Iyo migirire yatumye abantu b'abanyakuri bafata icyemezo cyo kurwanya amayerekwa ndetse n'itorero. Ntibajyaga gufata iki cyemezo iyo ikibazo cyabo gisuzumanwa ubushishozi n'imbabazi.⁵⁷³

Gutsinda Abakurwanya: Abavugabutumwa (batari Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi), bavuga imbwirwaruhame zabo, kandi by'umwihariko barwanya mushiki wacu Ellen G.White. Nyamara ibi bakora ni ukwikomeretsa ubwabo. . . . Ngeza mu miryango ubutumwa nifashishije ibitabo. Muri byo navuga: *Uwifuzwa Ibihe Byose, Intambara Ikomye, Abakurambere n'Abahanuzi na Kristo Umukiza Wacu*. Bityo rero, nubwo abo babwirizabutumwa bahagurukiye kundwanya, jye nzajya mbwirira abantu mu nyandiko zanyije. Nizera ko abantu bazahindukirira kuyoboka ukuri. Ubu turaberekeza ku mategeko y'Imana no ku bihamya. Niba batavuga ibihwanye n'iri jambo, biterwa n'uko nta mucyo ubarimo.⁵⁷⁴

571 *Testimonies*, vol. 1, pp. 327-329. (1862)

572 Igitabo cy'Icyongereza

573 *Testimonies*, vol. 1, pp. 382, 383. (1863)

574 Letter 217, 1899

Muzabimenyera ku Mbuto Zabyo: Nimureke Ibihamya byivugire, abantu babimenyere ku mbuto byera. Mbese inyigisho zabyo zirimo mwuka ki? Mbese umusaruro w'umurimo wabyo wabaye uwuhe? Abantu bose bashaka kumenya imbuto zabyo bashobora kwimenyera imbuto z'ayo mayerekwa.

Imana ishobora kuba iri kwigisha abagize Itorero ryayo, ikaba iri kubacyahira amakosa yabo, kandi igakomeza kwizera kwabo, cyangwa se ntiri gukora icyo. Uyu murimo ni uw'Imana cyangwa se si uwayo. Ntabwo Imana igira imikoranire na Satani. Umurimo wanjye... uteweho kashe y'Imana cyangwa se uteweho kashe y'umwanzi. Muri ibi nta murimo w'igice urimo. Ibihamya ni iby'Umwuka w'Imana ntabwo ari iby'umwanzi.⁵⁷⁵

Imana Ivugira mu Bihamya: Tugomba gukurikiza amabwiriza yatanze anyujijwe mu Mwuka w'ubuhanuzi. Kandi tugomba gukunda no kumvira ukuri kwagenewe ab'iki gihe. Ibi bizaturinda kwemwera ubuyobe bukomeye. Imana yavuganiye natwe mu Ijambo ryayo. Yavuganiye natwe mu Bihamya by'itorero no mu bitabo byifashishijwe mu gusobanura neza inshingano yacu muri iki gihe n'ibirindiro twagombye guhagararamo.⁵⁷⁶

KWIGISHA AMAHAME NGENDERWAHO YEREKEYE UBUZIMA N'IMIBEREHO YA GIKRISTO

Kwigisha Ivugurura mu by'Ubuzima: Umurimo wacu ni uwo gushyira mu bikorwa [iby twigisha]. Tugomba kwibuka ko umuntu afite umubiri n'ubugingo duharanira kurokora. Umurimo wacu ni mugari cyane kuko urenze guhagarara imbere y'abantu tubwiriza gusa. Mu murimo wacu tugomba kugira icyo dukora ku bumuga bwo ku mubiri bw'abo duhura na bo. Tugomba kwigisha amahame yerekeye ivugurura mu by'ubuzima, tugahwiturira abatwumva ko bafite uruhare bagomba gukora birinda bityo bagakomeza kugira amagara mazima.

Umubiri ugomba gufatwa neza kugira ngo ubugingo bube mu mubiri mutaraga. Uko umubiri umerewe bigira icyo bihindura ku mimerere y'ubugingo. Umuntu ushaka kugira imbaraga z'umubiri n'iz'umwuka agomba kumenyereza ipfa rye akariyobora mu bitunganye. Agomba kwigengesera kugira ngo ataremereza ubugingo bwe binyuze mu kunaniza imbaraga ze z'umubiri n'iz'umwuka. Gukurikiza neza amahame atunganye yerekeye imirire, iminywere n'imyambarire ni inshingano Imana yahaye abantu.

Uwiteka ashaka ko twumvira amategako yerekeye imibereho yacu n'ubuzima buzira umuze. Ishaka ko umuntu wese afata neza umubiri we kugira ngo awurinde indwara.⁵⁷⁷

Umugabane Umwe w'Ubutumwa Buheruka: Amahame yerekeye ivugurura mu by'ubuzima tuyasanga mu Ijambo ry'Imana. Ubutumwa

⁵⁷⁵ Testimonies, vol. 5, p. 671. (1889)

⁵⁷⁶ Testimonies, vol. 8, p. 298. (1904)

⁵⁷⁷ Letter 123, 1903

bwerekeye ubuzima bugomba kuba bwomatanye rwose n'umurimo wo kwamamaza Ijambo ry'Imana. Umugambi w'Imana ni uko imbaraga izahura y'ubutumwa bwerekeye ivugurura mu by'ubuzima iba umugabane umwe mu muhati ukomeye kandi uheruka wo kwamamaza ubutumwa bwiza.⁵⁷⁸

Twebwe nk'ubwoko bw'Imana, twahawe umurimo wo kumenyesha abantu amahame yerekeye ivugurura mu by'ubuzima. Hariho abantu bamwe batekereza ko ingingo y'imirire atari ingenzi cyane ku buryo yakwinjizwa mu murimo w'ibwirizabutumwa. Ariko rero bene abo baribeshya cyane. Ijambo ry'Imana rivugaga riti: "Namwe iyo murya cyangwa munywa, cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana." 1 Kor. 10. 31. icyigisho cyo kwirinda, mu bice bikigize byose, gifite umwanya w'ingenzi mu murimo ugamiye agakiza [ka mwenemuntu].⁵⁷⁹

Gushikama mu Ivugurura mu by'Ubuzima: Abantu bariho mu minsi iheruka y'amateka y'isi bakeneye gushikama rwose mu mahame yerekeye ivugurura mu by'ubuzima... .

Abagabo n'abagore barwaragurika bakeneye guhinduka abagorizi mu by'ubuzima. Imana izafatanye n'abana bayo mu gusigasira ubuzima bwabo nibaramuka biyemeje kugira ubushishozi mu byo barya no mu byo banywa, bakanga gukorera ibifu byabo imitwaro itari ngombwa. Imana, kubera ineza yayo, yaduciriye inzira mu byaremwe, inzira yizewe kandi ifite umutekano, ndetse ikaba yagutse bihagije abantu bose bazayinyuramo. Kugira ngo tugire ubuzima bwiza, Imana yatanze ibiribwa byiza cyane kandi bituma umuntu agira amagara mazima.

Abantu benshi bangije umubiri wabo bitewe no gusuzugura amategeko agenga ubuzima kandi bashobora kutazigera bakira ingaruka zo gusuzugura kwabo; ariko n'uyu munsu bashobora kwihana bagahinduka. Umwana w'umuntu yagerageje kuba umunyabwenge cyane kurenza Imana, maze yihindukira itegeko rimugenga ubwe. Imana iraduhamagara ngo twitondere ibyo idusaba, twe kuzongera kuyisuzugura tugwabiza ubushobozi bwacu bw'umubiri, ubw'ubwenge n'ubw'umwuka.⁵⁸⁰

Ivurugura mu by'Ubuzima Rigomba Gukomeza kandi mu Buryo Bufatika. Imana ishaka ko abagabura bacu, abaganga ndetse n'abizera b'itorero bajya bigengesera ntibahatire abantu badasonukiwe n'ukwizera kwacu gukora impinduka zihutiyeho mu mirire n'iminywere. Babigenje batyo, baba binjije abantu mu kigeragezo cy'imburagihe. Nimwamamaze amabwiriza y'ivurugura mu by'ubuzima maze mureke Imana yiyoborere ab'imitima iboneye. Bene abo bazumva kandi bizere. Ikindi kandi, ntabwo Imana isaba intumwa zayo kwigisha abantu ukuri kw'agahozo kwerekeye imibereho irangwa n'amagara mazima mu buryo bwatuma intekerezo

⁵⁷⁸ Medical Ministry, p. 259.

⁵⁷⁹ Testimonies, vol. 9, p. 112.

⁵⁸⁰ Letter 135, 1902

z'abantu zigira urwikekwe. Nimutyo he kugira umuntu ushyira ibisitaza imbere y'ibirenge by'umuntu ugenda mu nzira ibuditswemo n'umwijima w'ubujiji. Nubwo byaba ari ugutaka ikintu cyiza, ibyiza ni ukudatwarwa ngo ukabye, naho ubundi nibitaba bityo muzateshura inzira abaza kubumva. Nimwigishe abantu amabwiriza yo kwirinda mu buryo bwiza cyane bureshya abantu.

Ntidukwiriye kugenda tubiba urwikekwe no gushidikanya. Abakozi b'Imana binjira ahantu hashya kugira ngo bahahange amatorero ntibagomba kuzana ingorane bagerageza gushyira imbere cyane ikibazo cy'imirire. Bakwiriye kwigengesera mu mikorere yabo, bakirinda gukomeza ibintu cyane kuko nibagenza batyo hari inzitizi baba bashyira mu nzira y'abandi. Mwirinde gutwara abantu mu kigare, ahubwo mukwiriye kubayobora.

Ahantu hose ukuri kugejejwe, hakwiriye gutangwa amabwiriza ku byerekeye uburyo bwo gutegura amafunguro atera kugira amagara mazima. Imana ishaka ko ahantu hose abantu bazajya bigishwa n'abigisha bafite ubumenyi, bakabereka uko bakoresha neza ibiribwa biyezereza cyangwa ibyo babona mu gihugu cyabo mu buryo bworoshye. Uko ni ko abakene n'abakire bashobora kwigishwa uburyo bwo kubaho bafite ubuzima buzira umuze.⁵⁸¹

Gira Nyambere Ivugurura mu by'Ubuzima: Umurimo w'ivugurura mu by'ubuzima ni uburyo Imana yashyizeho bwo kugabanya umubabaro mu isi yacu ndetse no kweza itorero ryayo. Igisha abantu ko bashobora kubera Imana ukuboko gufasha binyuze mu gukorana n'Umukoresha mukuru mu murimo wo kuvugurura ubuzima mu by'umubiri no mu by'umwuka. Uyu murimo ufite ikimenyetso cyo kwemerwa n'ijuru kandi, uzakingura inzugi kugira ngo ukundi kuri kw'agaciro kenshi kubashe kwinjira. Abantu bose baziyezeza gukora uyu murimo mu bushishozi n'ubwenge, bafite umwanya bagomba gukoreramo.

Ubutumwa nategetswe gutwara ni ubu ngo, 'Gira nyambere umurimo w'ivugurura mu by'ubuzima. Erekana agaciro kabwo mu buryo bweruye kugira ngo ahantu hose bumve ko babukeneye. Kwirinda ibyokurya n'ibyokunywa byangiza umubiri ni umusaruro mwiza ukomoka ku iyobokamana nyakuri. Umuntu wahindutse rwose azazibukira ingeso n'ipfa byangiza ubuzima. Kubwo kwirinda atizigamyeye, azatsinda ibyifuzo bimujyana mu kurarikira ibyangiza ubuzima.

Nategetswe kubwira abantu bafite inshingano yo kwigisha abandi ibyerekeye ivugurura mu by'ubuzima ngo, 'Nimukomeze mujye mbere.' Isi ikeneye impinduka uko zaba nto kose mushobora guteza kugira ngo mukumire umuraba w'akaga mu mico mbonera. Nimureke abigisha ubutumwa bwa marayika wa gatatu bahagarare bashikamyeye ku bibaranga.⁵⁸²

581 *Gospel Workers*, p. 223. (1915).

582 *Testimonies*, vol. 9, pp. 112, 113. (1909)

Kwirinda Itabi n'Ibinyobwa Bisindisha: Abagore n'abagabo bagira ingeso mbi nyinshi zirwanya amahame ya Bibiliya. Abamaze guhinduka imbata z'itabi n'inzoga zikaze barangiritse rwose, haba ku mubiri, ubugingo ndetse n'umwuka. Bene abo bantu ntibakwiriye kwakirwa mu itorero bataragaragarwaho ko bahindutse by'ukuri, kandi bakaba bumva bakeneye ukwizera gukorera mu rukundo kandi kukeza ubugingo. Ukuri kw'Imana kuzeza uwizera by'ukuri. Umuntu wihannye agahinduka rwose azareka ingeso mbi yose yangiza ubuzima kandi azatsinda n'ipfa ryica ubuzima. Kubwo kwirinda rwose, azatsinda irari ry'ibintu byose byamunezezaga byangiza ubuzima.⁵⁸³

Guhinduka ni Ibanga ryo Gutsinda: Ikintu cy'a mbere kandi cy'ingenzi ni ukoroshya imitima no kuyigarurira binyuze mu kubereka ko Umwami wacu Yesu Kristo ari we Mukiza wikoreye ibyaha byacu byose, kandi akaba ari we ubabarira abantu ibyaha byabo. Ikindi ni ugusobanura ubutumwa bwiza bukumvikana neza mu buryo bushoboka bwose.

Iyo Umwuka Wera akoreye muri twe nk'uko yakoze mu iteraniro rikuru ryaberereye -----, abantu batiteguye kugaruka kwa Kristo iratsindwa. Abantu benshi baza mu iteraniro makuru yacu kandi bagahinduka nyamara bari bamaze imyaka myinshi batajya mu iteraniro yateguwe n'itorero iryo ari ryo ryose. Ukuri kwigishwa mu buryo bworoheje kugera ku mitima yabo, kandi gukora ku mitima y'abantu b'ingeri zose. Butuma abantu babaswe n'itabi bareka ikigirwamana cyabo, kandi n'uwabaye imbata y'inzoga akayireka. Ibyo ntibashobora kubigeraho baramutse mu buryo bwo kwizera badasingiriye amasezerano Imana yatanze yo kubababarira ibyaha byabo. Mbese gukiza aba bantu ntibisaba kwiyezeza gukorana umwete?⁵⁸⁴

Tangira Ivugurura Uhereye mu Mizi: Kunywa ibinyobwa bisindisha ni umuzi w'imyitwarire mibi cyane yo kwiandarika kandi bitiza umurindi ibikorwa bibi cyane bya Satani. . . . None se ko duhura n'ibyo bintu kandi tukabona ingaruka ziteye ubwoba zituruka ku kunywa inzoga, ntidukwiriye gukora uko dushoboye kose tugatakambira Imana ngo idufashe muri uru rugamba rwo kurwanya iki kibi gikomeye? Mu mizi yo kunywa inzoga uhasanga ingeso mbi mu by'imirire. Abantu bizera ukuri kugenewe iki gihe kwirinda kunywa icyayi cyangwa ikawa, kuko ibyo binyobwa bikangura icyifuzo cyo kunywa ibikabuzi bifite ubukana buruseho. Bakwiriye kwirinda kurya inyama, kuko na zo zikangura ubushake bwo kunywa ibinyobwa bisindisha bikomeye. Ibyokurya bitanduye, byateguranwe ubuhanga kandi biryoshye, ni byo bikwiriye kuba ibyokurya byacu muri iki gihe.

Abantu badakurikiza amategeko yerekeye ivugurura mu by'ubuzima barya ibyo babonye kandi bakanywa ibyo bishakiye byose mu buryo bwa giswaga. Kubwo gushayisha mu mirire bariyangiriza mu buryo buteye ubwoba. Abantu bamwe bashobora gutekereza ko ikibazo cy'imirire

583 Letter 49, 1902.

584 Letter 4, 1899

kidakomeye ku buryo bacyinjiza mu bibazo byerekeye iyobokamana. Ariko abo bantu bakora ikosa rikomeye cyane. Ijambo ry'Imana rivugaga riti: "Namwe iyo murya cyangwa munywa, cyangwa mukora ikindi kintu cyose, muje mukorera byose guhimbaza Imana." (1 Kor. 10:31). icyigisho cyo kwirinda, mu ngingo zose zikigize, gifite umwanya w'ingenzi mu gusohozza agakiza kacu. Kubera ingezo mbi mu mirire n'iminywere, isi igenda irushaho guta umurongo mu mico mbonera.⁵⁸⁵

Umurimo Wihariye Ugomba Gukorerwa Abatirinda: Umurimo w'ibwirizabutumwa ntugizwe no kubwiriza gusa. Ahubwo ukubiyemo n'umurimo wihariye ugomba gukorera abantu bangije ubuzima bwabo, kandi bakaba barishyize ahantu batagifite imbaraga z'imico mbonera zibabashisha gutegeka ipfa n'irari byabo. Bene abo bantu bagomba kwitabwaho cyane. Isi yacu yuzuyemo abantu b'imbabare.

Imana yanditse amategeko yayo kuri buri mwakura wose n'umukaya wose, ndetse n'inyama zose n'imikorere yose by'umubiri w'umuntu. Kunezeza ipfa ry'indengakamere, ryaba iryo kurarikira icyayi, ikawa n'ibinyobwa bisindisha, ibyo ni ukutirinda, kandi birwanya n'amategeko y'ubuzima. Kubwo gukoresha ibyo binyobwa bibuzanijwe, hari ibintu bivuka mu mubiri w'umuntu Umuremyi wacu atigeze akena. Uku kunezeza ipfa ry'inda kwaboneka ku muntu uwo ari we wese mu bagize umuryango wa muntu ni icyaha. . . . Kurya ibyokurya bidatuma umubiri ukora amaraso meza ni ugukora ibinyuranye n'amategeko agenga umubiri wacu ndetse ni no kwica amategeko y'Imana. icyakozwe kibyara ingaruka. Imibabaro, indwara ndetse n'urupfu ni byo bihano bitabura bikomoka ku gutegekwa n'inda.⁵⁸⁶

Gushaka Ibinezera: Imbaga y'abantu benshi bararushywa n'ubusa bashakira umunezero mu binezeza by'isi. Bararikira ikintu badafite. Batanga amafaranga yabo ku bintu bitari ibyokurya, kandi amaboko yabo bayakoresha mu bintu bitabatera kunyurwa. Umuntu ushonye n'ufite inyota bazakomeza gusoma no kugira inyota igihe cyose bishigiyeye kuri ibyo binezeza bitanyura umutima. Iyaba buri muntu muri bene abo yumvaga ijwi rya Yesu rigira riti: «Umuntu nagira inyota aze aho ndi anywe (Yohana 7:37). Abantu banywa ku mazi y'ubugingo ntibazongera kugira inyota y'ibinezera bidafite akamaro n'ikangura umubiri. Kristo ni we soko y'ubugingo, ni wo soko y'amahoro n'umunezero.

Imana iha abantu impano zitandukanye kandi zitari zimwe, atari ukugira ngo babashe kwiriyamira ntacyo bakora, ariko kandi atari ukugira ngo zikoreshe kwishimisha cyangwa kunezeza kamere, ahubwo ari ukugira ngo izo mpano zibere abandi umugisha maze zibabashishe gukora umurimo w'ibwirizabutumwa urangwamo umwete no kwitanga.⁵⁸⁷

585 Letter 49, 1902

586 Letter 123, 1899

587 The Youth's Instructor, Nov. 6, 1902.

Imurika n'ikinamico: icyo Satani ashaka cyane ni ukwangiza ubwenge bw'abantu no kubatera kurarikira kuja aherekanyirwa ibintu no kureba ikinamico. Imibereho ndetse n'imico by'abantu bose birundurira muri uyu murimo bizaba bihuje n'ibyokurya bigaburirwa intekerezo.

Uwiteka yahaye abantu ikimenyetso cyerekana ko akunda abari mu isi. Mu byo yakoze nta kinyoma ndetse no gukina ikinamico byarimo. Yatanze impano nzima, ishobora kwihanganira gucishwa bugufi, gusuzugurwa, gukozwa isoni no gucunaguzwa. Ibi Kristo yarabikoze kugira ngo abashe kurokora abacumuye. Igihe abantu bateguraga imigambi n'uburyo bwo kumwica, Umwana w'Imana ihoraho yaje ku isi kugira ngo atange ikitegererezo cy'umurimo ukomeye wo gucungura no gukiza umuntu wagombaga gukorwa. Ariko muri iyi minsi, abibone n'abatwira bahatanira kugira izina ry'ikirangirire ndetse no kugira icyubahiro gikomeye bahabwa n'abantu bagenzi babo wandika amateka akomeye, guhabwa izina ry'ibikomerezwa kandi bakubahwa na bagenzi babo, bakoresheje impano bahawe n'Imana, bakazikoresha ibyo zitagenewe.⁵⁸⁸

Gukorera Abantu Bakunda Kwishimisha: Aho gupfobya iriba rya Yakobo, Kristo yigishije umusamariyakazi ikintu cy'ahagebuzo. . . Yahaye uwo mugore ikintu cyiza cyane kuruta ibindi byose yari afite, amuha amazi y'ubugingo, amuha umunezero n'ibyiringiro by'ubutumwa bwiza bw'ubwami bwe.

Uru ni urugero rwekana uburyo dukwiriye gukora. Kuri twe, nta cyo bitumariye gusanga abakunda kwishimisha, abatwawe n'ikinamico, abiruka ku mafarashi, abasinzi, n'abakina urusimbi maze tukabacyahira ibyaha bakora. Ibyo nta cyiza bizazana. Dukwiriye kubaha ikintu cyiza kiruta icyo bafite, tukababwira amahoro atangwa na Kristo kuko ayo mahoro arenze ayo umuntu wese yamenya. . .

Abo bantu b'impeyamajyo birunduriye mu kwiruka inyuma y'ibinezeza by'isi n'ubutunzi bwayo. Nta cyo bazi ku kintu icyo ari cyo cyose kiruseho kuba cyiza. Ahubwo icyo bazi ni imikino, ikinamico, no gusiganwa ku mafarashi, kandi ibyo ntibizanyura imitima yabo. Ntabwo abantu baremewe kunyurwa muri bene ubwo buryo, bakoresha amafaranga yabo bayagura ibitari ibyokurya. Nimubereke uburyo ikuzo ritazashira ryo ijuru riruta by'ihabwa ibyishimo by'akanya gato n'ibinezeza by'isi. Nimuhirimbanire kubemeza iby'umunezero n'ibyiringiro, ikihukuka n'amahoro biboneka mu butumwa bwiza. Kristo yarivugiyeye ati: «Ariko unywa amazi nzamuha ntazagira inyota rwose iteka ryose» (Yohana 4.14).⁵⁸⁹

Amabwiriza Yerekeye Imyambarire n'Ibinezeza: Abantu bakiriye ukuri vuba bakwiriye gusobanurirwa bihagije ibyerekeye amahame agenga imibereho ya Gikristo. Abakristo b'abagabo n'abagore bakiranuka bakwiriye guhorana ishyamba ryo kungura ubumenyi butunganye abahindutse vuba,

⁵⁸⁸ Manuscript 42, 1898

⁵⁸⁹ Manuscript 12, 1901.

bagasobanukirwa ibyo gukiranuka kubonerwa muri Kristo Yesu. Niba hari abantu bahaye intebe mu mitima yabo ibyifuzo by'ibinezeza no gukunda imyambaro birenze, ku buryo umugabane wose w'intekerezo zabo, ubugingo bwabo n'imbaraga zabo bawegurira mu kunezeza inariye, abizera bakiranuka bakwiriye kwita kuri abo bantu nk'abazababazwa. Ntibagomba kwirengagiza amahame atunganye, yuje ineza n'urukundo ndetse y'ingirakamaro cyane ku bantu bahindutse vuba kugira ngo hatabaho umurimo wo kwitanga igice.⁵⁹⁰

Igisha Abahindutse Vuba Ibyerekeye Ibigirwamana mu Myambarire:

Kimwe mu bintu by'ingenzi abahindutse vuba bakwiriye kubwirwa no kumenya ni amahame cyangwa amabwiriza tugenderaho yerekeye imyambarire. Nimureke abahindutse vuba bitabweho cyane. Mbese bambara nabi? Mbese baba bizirika ku bwibone bwo mu mitima yabo? Ikigirwamana cyo mu myambarire ni indwara yangije imico mbonera. Mu gihe umuntu yinjiye mu buzima bushya, ntabwo iyi ndwara igomba kwirengagizwa. Akenshi kwiye gurira gukurikiza ibisabwa n'ubutumwa bwiza bizasaba impinduka zidakebakeba mu myambarire.

Mu byerekeye imyambarire ntihakwiriye kubamo kutagira icyo umuntu yitaho. Kubera Kristo tubereye abahamya, dukwiriye guhirimbanira kubera abandi urugero rwiza mu myambarire. Mu mirimo yakorerwaga mu ihema ry'ibonaniro, Imana yari yarashyizeho amabwiriza asobanura mu buryo burambuye ibyerekeye imyambaro y'abakorera imbere yayo. Bityo rero, natwe twigishwa ko Imana ifite ibyo yemera mu biyanye n'imyambarire y'abayikorera. Imana yari yatanze amabwiriza yihariye ndetse yumvikana cyane yerekeye imyambaro ya Aroni, kubera ko imyambaro yari ifite icyo ishushanya. Bityo rero, n'imyambaro y'abayoboze ba Kristo ikwiriye kugira icyo ishushanya. Tugomba kuba abahagarariye Kristo kandi bamugaragaza mu bintu byose. Uko tugaragara mu ngingo zose zikugize kugomba kurangwa n'isuku, ubupfura n'ubutungane. Ariko Ijambo ry'Imana ntirishyigikira ibyo guhindura imyambarire umuntu agamije kujyana n'ibigezweho gusa, ari ukugira ngo duse n'ab'isi. Abakristo ntibakwiriye kurimbisha umubiri imyambaro n'imirimbo bihenze cyane.

Amagambo yo mu Byanditswe Byera yerekeye imyambarire akwiriye kwitonderwa. Dukeneye gusobanukirwa n'ibyo Imana yo mu ijuru yishimira harimo n'ibiyanye no kwambika umubiri. Abantu bose bafite umwete wo gushaka ubuntu bwa Kristo bazita ku magambo y'agaciro kenshi ari mu mabwiriza yatanze n'Imana. Ndetse n'imideri y'imyambaro yabo izavuga ukuri k'ubutumwa bwiza.

Abantu bose biga imibereho ya Kristo kandi bagashyira mu bikorwa inyigisho ze bazahinduka nka we. Bazahishurira abandi imico itunganye. Uko bagendera mu nzira yoroheje yo kumvira, bagakora ibyo Imana ishaka, baba bagaragaza imbaraga igira ibyo ivuga biteza imbere umurimo w'Imana ndetse n'ubutungane buzira amakemwa bw'umurimo wayo. Aba bantu

⁵⁹⁰ Manuscript 56, 1900.

bahindutse rwose isi igomba kubabona ko ari abahamya b'imbaraga y'ukuri yeza imico y'abantu.⁵⁹¹

Gushikama mu Kwizera Kwacu: Kwiyaanga mu byerekeye imyambarire, ni imwe mu nshingano zacu nk'Abakristo. Kwambara imyambaro ikeye kandi ikwiye ndetse no kwirinda kwigaragaza hakoreshejwe imirimbo n'imitako by'amoko yose ibyo bijyanye no kwizera kwacu. Mbese turi mu mubare w'abantu babona ubusazi n'ubupfapfa by'ab'isi mu bijyanye no kwirundurira mu gutagaguza mu myambarire kimwe no gukunda imikino? Niba ari uko bimeze, dukwiriye kubarirwa muri rya tsinda ryirinda ikintu cyose gihamanywa n'uyu mwuka wigarurira intekerezo n'imitima by'abantu babaho bagamiye ubuzima bwo ku isi gusa, kandi badatekereza na mba ndetse ngo bite ku isi izaza.⁵⁹²

Gukurikiza Kristo Cyangwa ab'Isi: Mushiki wacu wari umaze ibyumweru runaka muri kimwe mu bigo byacu cy'ahitwa-----, yavuze ko yaciye intege n'ibyo yabonye n'ibyo yumvise muri icyo kigo. ... Mbere yo kwemera ubutumwa bw'ukuri, yari yaragiye akurikira imideli y'ab'isi mu myambarire ye, ndetse yajyaga yambara imirimbo n'imitako ihenze cyane. Ariko amaze gufata icyemezo cyo kumvira Ijambo ry'Imana, yiyumvisemo ko inyigisho za Bibiliya zimusaba kureka kwirimbisha kose gukabije kandi kumutera gutagaguza umutungo. Yari yarigishijwe ko Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi batambara ibikomo, amasaro, inigi, imikufi y'izahabu, iy'ifeza, iy'umuringa cyangwa iy'andi mabuye y'agaciro, ndetse yigishwa ko mu myambarire yabo badakurikiza imideli y'ab'isi. Ariko igihe yabonaga ko bamwe mu bavuga ko bizera ukuri batandukiriye cyane kwiyoroshya Bibiliya ivuga, yumvise aguye mu kantu. Mbese bene abo ntibari bafite Bibiliya ihwanye n'iyi yigiyemo, ari na yo yashishikariraga gukurikiza amahame yayo mu mibereho ye yose? Mbese imibereho ye yose yo mu gihe cyari gishize yaba yari ubwaka? Cyangwa se yaba yari yarasobanukiwe nabi amagambo yavuzwe n'intumwa Pawulo iti: Nuko rero umuntu wese ushaka kuba incuti y'iby'isi, aba yihinduye umwanzi w'Imana. " Yakobo 4:4

Madamu D. ni umugore wakoraga mu kigo, kandi umunsi umwe yagiye gusura icyumba cya mushiki wacu wundi..... ubwo uyu yakuragamo umukufi we wa zahabu mu ijosi ndetse n'urunigi maze akabwira mugenzi we ko yifuza kwiyaambura iyo mirimbo maze akayigurisha noneho ibivuyemo akabishyira mu mutungo w'Imana, undi yaramubajije ati: « Kuki ushaka kubigurisha? Iyo biza kuba ibyanjye nari kuzajya mbyiyambarira.» Mugenzi we yaramubajije ati: «Impamvu ni uko igihe nakiraga ubutumwa bw'ukuri, nigishijwe ko ibi bintu byose bigomba kurekwa bigashyirwa iruhande. Mu by'ukuri, ibi bintu binyuranyije n'inyigisho z'Ijambo ry'Imana.» Nuko amubwira amagambo yavuzwe na Pawulo na Petero ku byerekeye iyi ngingo. Pawulo yaravuze ati: «Kandi abagore ni uko ndashaka

591 *Testimonies*, vol. 6, pp. 96, 97 (1900).

592 *Testimonies*, vol. 3, p. 366. (1875)

ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda, kandi batirimbisha kuboha umusatsi, cyangwa izahabu cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi, ahubwo birimbishishe imirimo y'ingeso nziza nk'uko bikwiriye abagore bavuga ko bubaha Imana.» (1 Tim. 2:9-10). Naho Petero yaravuze ati: «Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma, uwo kuboha umusatsi cyangwa uwo kwambara izahabu, cyangwa uwo gukanisha imyenda, ahubwo ube uw'imberere uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika, w'umwuka, ufite ubugwaneza n'amahoro ari wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Imana» (1Petero 3:3-4).

Mu kumusubiza, wa mugore yeretse mugenzi we impeta ya zahabu yari ku rutoki rwe, kandi yari yarahawe n'undi muntu utari umwizera, maze amubwira ko yatekerezaga ko kwambara bene uwo murimbo nta cyo bitwaye. Yaravuze ati: «Ntabwo dutandukanye n'abandi nk'uko byahoze. Abantu bacu bagiye bakabya cyane mu bitekerezo bafite ku byerekeye imyambarire. Abagore n'abakobwa bo muri iki kigo biyambarira amasaha y'izahabu n'imikufi y'izahabu, kandi bakambara nk'abandi bose. Si byiza ko mu myambarire yacu umuntu atandukana n'abandi; kubera ko tutashobora kugira impinduka nyinshi duteza mu bandi.»

Turibaza tuti, «Mbese iyi myitwarire ihuje n'inyigisho za Kristo? Mbese tugomba gukurikiza Ijambo ry'Imana cyangwa ni imigenzereze y'ab'isi? Mushiki wacu yafashe icyemezo ko ibyatanga umutekano kurusha ibindi ari ugukurikiza urugero Bibiliya itanga. Mbese byashoboka ko kuri wa munsu muntu wese azahabwa ibikwiranye n'ibyo yakozwe, Madamu D n'abandi bitwara nka we bazashimishwa no gushyirwa imbere ibihwanye n'impinduka bateje mu bandi?

Ijambo ry'Imana rivuga ryeruye. Inyigisho zaryo ntizishobora kwibeshya. Mbese tuzajya turyumvira uko riri nk'uko twarihawe ku buryo tuzashobora gukizwa, cyangwa tuzajya dushaka uko turikikira? Iyaba abantu bose bafite aho bahuriye n'ibigo byacu bakiraga umucyo mvajuru kandi bakawukurikiza, bityo kubw'ibyo bakabashishwa kumurikishiriza uwo mucyo abagendera mu mwijima.

Gukurikiza urugero rw'ab'isi ni icyaha kigenda gica intege iby'umwuka mu bantu bacu, kandi kibangamira cyane urwego bagombye kubaho ingirakamaro. Kubwira ab'isi ubutumwa bw'imbuze ariko tukabuhakanisha ibyo dukora mu buzima bwa buri munsu nta cyo bimaze.⁵⁹³

Umurimo Ukozwe Uvuye ku Mutima: Hariho abantu benshi bagerageza gukosora imibereho y'abandi bakoresheje kwibasira ibyo bafata ko ari ingeso mbi. Basanga abo batekereza ko bari mu makosa runaka, maze bagatunga agatoki inenge zabo. Baravuga bati: «Ntabwo mwambara uko bikwiriye.» Bagerageza kubavanaho ibyo birimbisha cyangwa ikintu cyose gisa n'igikoza isoni, ariko ntibashake uko batuma intekerezo z'abo bantu zomatana n'ukuri. Abantu bashaka gukosora abandi bakwiriye

593 *Review and Herald*, March 28, 1882.

kubereka imico myiza ireshya ya Yesu. Bakwiriye kuvuga iby'urukundo rwe n'impuhwe ze, bakavuga iby'urugero n'igitambo yatanze, bagahishurira abantu Umwuka wa Kristo, ariko rero ntibakeneye na mba kuvuga ku ngingo y'imyambarire. Ntabwo ari ngombwa ko mufata ikibazo cy'imyambarire mukakigira ingingo shingiro y'iyobokamana ryanyu. Hari indi ngingo ikungahaye cyane mukwiriye kuvugaho. Nimuvuge ibya Kristo, maze umutima numara guhinduka, ikintu cyose gihabanye n'Ijambo ry'Imana kizarekwa. Gukokora ibibabi by'igiti kigihagaze kandi kitumye ni ukugorwa n'ubusa kuko ibindi bibabi bizongera gutoha. Intorezo igomba gushyirwa mu mizi y'igiti, bityo ibibabi bizahunguka ubutazongera kumera.

Kugira ngo wigishe abagabo n'abagore uburyo iby'isi nta gaciro bifite, ugomba kubashora ku Isoko ibeshaho maze bakanywa amazi Kristo abaha kugeza ubwo imitima yabo yuzuye urukundo rw'Imana, maze Kristo uri muri bo akababera iriba ry'amazi ahora adudubiza kugeza ku bugingo buhoraho.⁵⁹⁴

Sukura isoko bizatuma imigezi iyisohokamo ihinduka urubogobogo. Umutima nuramuka utunganye, amagambo yawe, imyambaro yawe n'ibikorwa byawe nabyo bizatungana.⁵⁹⁵

Kwiyoroshya mu Myambarire: Twegereje umusozo w'amateka y'iyi si. Muri iki gihe hakenewe igihamba cyumvikana kandi kidakebakeba kivuga ku byerekeye imyambarire nk'uko byatanze mu Ijambo ry'Imana. Uyu ni wo ukwiriye kuba umutwaro duhora twikoreye. Ariko ubu byaratinze cyane kuba umuntu yagira ubwuzu bwinshi bwo gufata iyi ngingo akayigira igipimo. Imyambarire y'abantu bacu ikwiriye ikwiriye kuba yoroheje. . . . Nta mudeli umwe runaka nahawe ngo ube itegeko ridakuka abantu bose bakurikiza mu myambarire yabo....

Bashiki bacu bakwiriye kwambara imyambaro idozwe neza kandi iciriritse. Bakwiriye kwambara mu buryo bwiyoroheje. Ingofero zanyu n'amakanzu zanyu ntibikwiriye kongerwaho imirimbo n'imitako bateraho. Mukwiriye kwambara imyambaro yoroheje kandi iciriritse, itari urukozasoni kandi irangwamo kwitonda no kwifata. Nimwereke ab'isi urugero ruzima rw'umurimbo w'imbere w'ubuntu bw'Imana. Nimutyo bashiki bacu bambare neza bikwiye nk'uko benshi bagenza, bakagira imyambaro idozwe mu myenda myiza, ikomeye, iramba, iciriritse kandi ibereye igihe turimo. Ntimugatume ikibazo cy'imyambarire gihabwa intebe mu ntekerezo zanyu.⁵⁹⁶

IMIHANGO

Inkingi Ebyiri z'Ingenzi Cyane: Umubatizo n'ifunguro ry'Umwami wacu ni imihango ibiri y'inkingi z'ingenzi ku itorero haba imbere muri ryo no hanze yaryo. Kuri izo nkingi Kristo yahanditse izina ry'Imana nyakuri.⁵⁹⁷

594 *Signs of the Times*, July 1, 1889.

595 *Testimonies*, Vol. 1, p. 158 (1857)

596 *Manuscript* 97, 1908.

597 *Manuscript* no 27 ^{1/2}, 1900.

Ifunguro ry'Umwami wacu ni Urwibutso Rukomeza: Ibimenyetso biranga inzu y'Imana biroroshye kandi birumvikana, ndetse ukuri byerekana gufite ubusobanuro bwimbitse kuri twe. Mu gushyiraho umuhango w'ifunguro ryera ngo usimbure Pasika, Kristo yasigiye itorero rye urwibutso ruryibutsa igitambo gikomeye yatangiye umuntu. Yaravuze ati: "Mujye mukora mutya kugira ngo munyibuke." Uru rwari urugabano rwari hagati y'amateka abiri n'iminsi mikuru ibiri yayo. Umunsi mukuru umwe wagombaga gushyirwaho umusozo by'iteka ryose; naho undi ari nawo yari ashyizeho wagombaga kuwusimbura kandi mu bihe byose ukazakomeza kujya wibutsa urupfu rwe.⁵⁹⁸

Kozanya Ibirenge Birenze Umuhango Gusa: Ntabwo tuza mu mihango ikorerwa mu nzu y'Imana ari ugukora umugenzo gusa. ...

Kristo yashyizeho uyu muhango kugira ngo ujye uhora utwibutsa urukundo Imana yatugaragarije ... Uyu muhango ntushobora guhora ukorwa hatabayeho guhuza ibitekerezo. Bityo rero, uruhererekane rw'ibitekerezo rutuma habaho kwibuka imigisha, ubugwaneza n'ubuntu bagiriwe n'incuti zabo n'abavandimwe babo mu kwizera, ibintu byababaye ariko bakaba barabyibagiwe. Umwuka Wera, mu mbaraga ze zikangura kandi zihembura ubugingo, yerekana ukudashima no kubura k'urukundo byakomotse ku muzi mubi wo gusharira. Muri icyo gikorwa, amasaro agize umunyururu wo kwibuka araterana bityo umunyururu ugakomera. Umwuka w'Imana ntahwema gukorera mu ntekerezo z'umuntu. Inenge zo mu mico, kwirengagiza inshingano, no kuba indashima imbere y'Imana ibyo byose umuntu arabyibuka maze Kristo akigarurira ibitekerezo.⁵⁹⁹

Kwitegura mu Mutima: Mu minsi ya mbere y'umurimo w'itsinda ry'abategereje kugaruka k'Umwami wacu, igihe abizera bacu bari bakiri bake, kwizihiza umuhango w'ifunguro ryera byabaga ari umwanya mwiza w'ingirakamaro. Ku wa gatandatu w'Isabato ubanziriza umunsi w'uwo muhango, buri mwizera wese yahaniraga gukuraho inkomyi yose yashoboraga kumutandukanya n'Imana ndetse n'abizera bagenzi be. Abantu bariniraga cyane mu mitima; habagaho gusaba Imana cyane ngo ibahishurire icyaha cyihishe muri bo, habagaho kwatura uburiganya bagize mu bucuruzi bwabo, amagambi mabi yose bavuze bahubutse, ndetse n'ibyaha bihambiriyeho byaraturwaga. Uwiteka yazaga hafi [y'ubwoko bwe], kandi twarakomejwe cyane ndetse duterwa umwete.⁶⁰⁰

Umugambi w'Umuhango w'Ifunguro Ryera: Umuhango wo kozanya ibirenge washyiriweho kuba inzira yo kwiyeza kw'abizera. Kubw'urugero Umwami n'Umukiza wacu yatanze, uyu muhango wo kwicisha bugufi wahindutse umuhango wera. Igihe cyose twujijijije, Kristo aba ahari ahagarariye n'Umwuka Wera. Uwo Mwuka Wera ni we wemeza imitima y'abantu.

598 *Review and Herald*, June 22, 1897

599 *Review and Herald*, June 7, 1898

600 *Manuscript* 102, 1904

Ubwo Kristo yafatanyaga n'abigishwa be kwizihiza uyu muhango, imitima yabo yaratsinzwe uretse uwa Yuda. Uko ni ko natwe tuzatsindwa igihe Kristo azavugana n'imitima yacu. Amasōko y'ubugingo azafunguka, maze intekerezo zacu zongerwemo imbaraga, bityo bidutere gukora kandi bitwuzuze ubugingo. Ibyo kandi bizasenywa inzitizi zose zari zarateye amacakubiri n'ubujiji mu bantu. Ibyaha byakozwe bazarushaho kugaragara uko biri kuruta uko byigeze bigaragara; kubera ko Umwuka Wera azabitwibutsa. Amagambo Yesu yavuze ati: "Nimumenya ibyo murahirwa, niba mubikora," (Yohana 13:17), azambikwa imbaraga nshya.⁶⁰¹

Kwisuzuma: Uyu muhango wo kozanya ibirenge wagizwe umwe muri gahunda z'iyobokamana. ... Watangiwe kugira ngo ube igikoresho cyo gusuzuma no gupima urugero rw'ubuyoboze bw'abana b'Imana. Igihe Umwisirayeli wo muri iki gihe yubahirije umuhango w'ifunguro ryera, uyu muhango wo kozanya ibirenge uba ukwiriye kubanziriza igikorwa cyo gusangira ibimenyetso bishushanya urupfu rw'Umwami wacu.

Uyu muhango washyiriweho ibyiza by'abigishwa ba Yesu. Kandi igihe Kristo yahangaraga kuvuga aya magambo yarabisobanuye byose ati: "Mbahaye icyitegererezo kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye ... Nimumenya ibyo murahirwa, niba mubikora" (Yohana 13:15, 17). Yashyizeho uwo muhango kugira ngo agenzure imiterere nyakuri y'imitima n'intekerezo by'abantu bari bari muri uwo muhango.⁶⁰²

Umuhango w'Ibihe Byose mu Bihugu Byose: Mu mwanya w'umunsi mukuru w'ishyamba ryose Abayuda bajyaga bubahiriza, Kristo yashyizeho gahunda yo kwibuka, umuhango wo kozanya ibirenge, n'uw'ifunguro ryera, igomba kubahirizwa mu bihe byose n'abayoboze be bo mu bihugu byose. Aba bayoboze be bakwiriye kuja basubiramo icyo gikorwa kugira ngo abantu bose babone ko kuramya Imana k'ukuri gusaba no gukora umurimo utarangwamo ubwikanyize.⁶⁰³

Umuhango Ugomba Guhora Wizihizwa: Muri iki gikorwa gihuruka Kristo yakoze asangira n'abigishwa be umugati na vino, we nk'Umucunguzi wa bo yasezeraniye nabo isezerano rishya. Muri iryo sezerano hari handitswemo kandi hashimangirwamo ko abantu bose bazemera Kristo kubwo kwizera bazahabwa imigisha yose ijuru rishobora gutanga haba muri ubu buzima no mu buzima bw'igihe dutegereje tuzaboneramo ubugingo budapfa.

Iri sezerano bagiranye ryagombaga gushimangirwa n'amaraso ya Kristo ubwe yagereranywaga mu bitambo byatambwaga kugira ngo bihore byibutsa ubwoko bwe bwatoranijwe [ko buzacungurwa]. Kristo yagennye ko uyu muhango w'ifunguro ryera ukwiriye kuzajya wizihizwa kenshi kugira ngo ujye utwibutsa igitambo yatanze ubwo yemeraga guhara ubugingo bwe kugira ngo abazamwizera bese kandi bakamwakira

⁶⁰¹ *Review and Herald*, Nov. 4, 1902.

⁶⁰² *Manuscript* 8, 1897.

⁶⁰³ *Signs of the Times*, May 16, 1900.

bazababarirwe ibyaha byabo. Uyu muhango nta muntu uheza, nk'uko bamwe bashobora kubigenza. Umuntu wese agomba kuwujyamo ku mugaragaro, kandi kubw'ibyo akavuga ati: "Nemera ko Kristo ari Umukiza wanjye bwite. Yatanze ubugingo bwe ku bwanjye kugira ngo mbashe kurokoka urupfu."⁶⁰⁴

Ubuhamya: Kugirira icyizere abagabura babanje mu murimo: Ku Isabato mu gitondo, igihe itorero ry'ahitwa ----- ryari rifite gahunda y'ifunguro ryera, Mwene Data----- yari ahari. Baramutumiye ngo aze afatanye n'abandi umuhango wo kozanya ibirenge, ariko avugako ahitamo kwitegereza aho kozanya ibirenge. Yabajije niba abaza muri uwo muhango ari itegeko ku muntu byanze bikunze. Bene Data baramuhumuriye, bamubwira ko atari agahato ko ahubwo bigendana n'ubushake bw'umuntu, bamubwira ko bakwishimira ku jya gusangirira ku meza y'Umwami. Yavuze ko atigeze agira umunsi wamunejeje mu buzima bwe nk'uwo munsi w'Isabato.

Nyuma ya gahunda y'ifunguro yifuje ko twagirana ikiganiro. Kudusura kwe byaradushimishije. Ikiganiro cyeyari cyiza kandi twagize umwanya mwiza wo gufatanya na we gusenga. Ndiringira ko ari umugaragu w'Imana. Naboneyeho akanya ko kumuha ibitabo byanjye, bigizwe n'*Intambara Ikomeye*, *Abakurambere n'Abahanuzi* no *Kugana Yesu*. Yasaga n'aho byamunyuze, maze avuga ko ashaka kugira umucyo ushoboka wose kugira ngo abashe kugira amahirwe yo gushyikira ukwizera dufite. Mbere yo gutaha, yabanje kubatizwa. Yavuze ko azasubira mu itorero rye kubwira bagenzi be ibyerekeye ukuri yakiriye.⁶⁰⁵

Ntukavutse Abantu Ifunguro Ryera: Urugero rwa Kristo rutubaza kwitandukanya n'abandi mu gihe cy'Ifunguro Ryera. Icyakora icyaha cyakorewe mu ruhamo gitera abagikoze guhezwa. Kandi Mwuka Muziranenge ni ko yigisha. (1 Abakorinto 5:11). Uretse ibyo, ntawe ukwiriye kugira uwo aciraho iteka. Imana ntiyigeze ibwira abantu gutoranya abakwiriye kuja muri iyo mihango. Ubundi se ni nde ushobora gusoma umutima? Ni nde ushobora kuvangura urukungu mu masaka?⁶⁰⁶

Muri mwe hashobora kuzamo abantu batomatanye n'ukuri n'ubutungane mu mitima yabo, ariko bashobora kwifuza gusangira namwe Ifunguro ryera. Ntimukababuze.⁶⁰⁷

Umuhanzi Ukoranwe Icyubahiro: Ikintu cyose gifitanye isano n'ifunguro ryera kigomba gutegurwa neza uko bishoboka kose. Umuhango wose itorero rikora ukwiriye gutuma intekerezo z'abantu zizamuka zikegerezwa Imana. Ntabwo iyo mihango ikwiriye kugirwa gahunda zisanze cyangwa z'agaciro gake, cyangwa ngo ishyirwe ku rwego rumwe n'ibintu bisanzwe. Amatorero yacu akeneye kwigishwa kugira ngo agere ku

604 *Review and Herald*, June 22, 1897

605 *Manuscript* 4, 1893.

606 *Uwifuzwa Ibihe*, p. 447.

607 *Manuscript* 76, 1897

rwego ruhanitse rwo kubaha no kwigengesera mu muhango wera w'Imana.⁶⁰⁸

Uyu muhango w'ifunguro ryera ntukwiriye gukoranwa ubunenganenzi, ahubwo usaba gushyirwamo umwete, abantu bazirikana mu bitekerezo byabo umugambi wawo n'icyo ushushanya.⁶⁰⁹

Iteraniro Ryahawe Umugisha: Uwo munsu wambereye igihe cy'agaciro kenshi cy'ivugurura mu bugingo bwanjye. Itsinda rito ryari rihari ryari rikoze itorero, kandi nifatanyije nabo kwizihiza umuhango w'ifunguro ryera. Nababwiye amagambo yanditswe muri Yohana 13, kandi hari ibitekerezo byiza cyane byanje mu mutima byerekeye umuhango wo kwicisha bugufi. Muri uyu muhango woroheje harimo ibintu byinshi by'ingirakamaro abantu badashobora kurebesha amaso kandi ngo babyishimire. Nagize umugisha wo gusangira n'abandi ibimenyetso bishushanya umubiri washenjaguwe n'amaraso yamenetse by'Umukiza wacu mwiza, wahindutse icyaha ku bwacu kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana. Ni we wishyizeho icyaha cyacu.

Uwo munsu iteraniro ryabaye umwanya mwiza cyane w'icyubahiro ku bari baririmo bose. Amateraniro yo gutanga ubuhamya yari agahozo. Umuntu wese wahamagarwaga izina yitabanaga umutima ukunze. Nzi ko icyo gihe Umwami Yesu yari hagati muri twe, kandi ijuru ryose ryashimishijwe no kubona dukurikiza urugero twahawe na Kristo. Mu bihe nk'ibyo, Uwiteka yigaragaza mu buryo budasanzwe kugira ngo yoroshye imitima y'abantu kandi ayigarurire, yirukanemo ubwikanyize, maze yuzuze Umwuka we Wera mu mitima, ndetse azane urukundo, ubuntu n'amahoro mu mitima imenetse.

Igihe amateraniro yari ahumuje maze tugasubira mu mahema yacu yari mu gashyamba, twumvise umwuka utuje, mwiza kandi wera usabye imitima wacu. Ubugingo bwanjye bwuzuye amahoro atagira impinduka.⁶¹⁰

IGICE CYA 9

GUTERA ABANTU

KWITANGA

KUBWIRIZA UGANISHA KU KWITANGA

Hifashishwa Ibyigisho Byoroshye-Ntabwo ari Ubutyoya: Umuntu ubwiriza maze ugasanga kugaragaza ubutyoya ni wo mugambi ashyize imbere, atera abantu kwibagirwa ukuri kuri mu magambo ye. Igihe gutwarwa n'amarangamutima bizaba bibashizemo, bizagaragara ko Ijambo ry'Imana ritigeze rishinga imizi mu ntekerezo z'abantu, kandi ko n'abariteze amatwi batigeze basobanukirwa. icyakora bashobora kuvuga ko banyuzwe n'ubutyoya bw'umugabura, ariko bakaba bakiri kure cyane yo gufata icyemezo [cyo kwitanga]. Bavuga iby'icyo kibwirizwa nk'uko bavuga amakuru y'umupira cyangwa indi mikino, naho umubwiriza we bakamuvuga nk'abavuga umukinnyi usanzwe w'ikinamico. Bashobora kugaruka mu materaniro bagatega amatwi ikibwiriza gisa na cya kindi, ariko bazasubirayo uko baje, batanyuzwe kandi batagaburiwe iby'umwuka.

Ntabwo ibibwirizwa birimo amagambo n'imvugo biryoshye kandi binoze cyane ari byo bikenewe. Ababwirizabutumwa bacu bakwiriye kubwiriza mu buryo buzafasha abantu gusobanukirwa no kwakira ukuri guhesha ubugingo.⁶¹¹

Abantu Badafata icyemezo muri buri Teraniro: Muri buri teraniro haba harimo abantu baba bagishidikanya, bari hafi kwemera kwiye gurira Imana batizigamye. Mu mitima yabo baba bari gufata icyemezo kubw'igihe barimo no kubw'iteka ryose; ariko akenshi usanga umubwiriza aba adafite umwuka n'imbaraga by'ubutumwa bw'ukuri mu mutima we, bityo ibyo bigatuma nta rarika ryahuranyije agize kuri abo bantu baba bahinda umushyitsi baheze mu rungabangabo. Umusaruro uvamo ni uko ukuri kutimbika mu bugingo bw'ababa batsinzwe mu mitima yabo, bityo bakava mu materaniro bumva batiyeguriye rwose kwemera gukora umurimo wa Kristo birenze uko baje bameze. Bahitamo gutegereza ikindi gihe cyazarushaho kubabera cyiza; ariko nticyigera kiboneka.⁶¹²

Abantu Bamwe baba Bumva Ikibwirizwa cya Nyuma kuri Bo: Abantu bamwe bashobora kuba bateze amatwi ikibwirizwa ubuheruka mu buzima

⁶¹¹ *Gospel Workers*, p. 153, 154. (1915).

⁶¹² *Testimonies*, vol. 4, p. 447. (1880)

bwabo bwose, kandi abandi nabo bakaba batazongera kubona amahirwe nk'ayo yo gushyirwa ukuri imbere, kandi ngo imitima yabo icengerwemo n'ubusobanuro bwako bufatika kandi buhujwe n'ibiba mu buzima. Bene ayo mahirwe y'agaciro kenshi iyo atakaye, aba atakaye by'iteka ryose ubutazagaruka. Iyo Kristo n'urukundo rwe rwaducunguye aza kuba yererejwe ahujwe n'amagambo ahamya ukuri, uko kuri kuba kwarabateye kujya mu ruhande rwa Kristo.⁶¹³

Irarika Muri Buri Kibwirizwa: Kubwo kuba umubwirizwa asizwe amavuta y'Umwuka Wera, kandi Mwuka akamwikoreza umutwaro w'ubugingo bw'abantu, uyu mubwiriza ntazasezerera iteraniro ataribwiye Yesu Kristo, we buhungiro rukumbi bw'abanyabyaha. Ntazarisezerera atabararitse abahendahenda mu buryo buzacengera mu mitima yabo. Akwiriye kumva ko adashobora kuzongera guhura n'abo bantu bamuteze amatwi kugeza ku munsu ukomeye w'Imana.⁶¹⁴

Ikibwirizwa cyose gikwiriye kubamo irarika rikomeye, rihamagarira abantu kureka ibyaha byabo maze bagahindukirira Kristo.⁶¹⁵

Hamagarira Abantu Gufata icyemezo: Mu materaniro makuru yacu, habamo gahunda nke cyane y'ububuyutse. Uyasangamo umwanya muto cyane wo gushaka Uwiteka. Gahunda z'ububuyutse zagombye gukorwa uherye mu itangira ukageza ku musozo w'ayo materaniro. Hakwiriye gukoreshwa umuhati udakebakeba kugira ngo abantu bakanguke. Reka abantu bose babone ko umaramaje kubera ko ufite ubutumwa bw'igitangaza bwavuye mu ijuru. Bwira abantu ko Umwami wacu agiye kuza guca imanza, kandi ko baba abami cyangwa abatware, bwaba ubutunzi cyangwa ububasha nta na kimwe gishobora kwigizayo amateka agiye gucibwa bidatinze. Ku musozo w'amateraniro yose, umubwiriza akwiriye kurarikira abantu gufata icyemezo bakitanga.⁶¹⁶

Kubwiriza Ukuri Kwerekeye Isabato Ushize Amanga: Iki ni cyo gihe ngo Isabato y'ukuri ibwirwe abantu dukoresheje inyandiko n'ijwi. Mu gihe itegeko rya kane ryo mu mategeko cumi y'Imana ryirengagijwe kandi n'abaryubahiriza ntibitabweho ndetse bagasuzugurwa, abakiranutsi bake ni bo bazi ko ubu atari igihe cyo guhisha mu maso yabo ko ahubwo ari igihe cyo kwerereza amategeko ya Yehova, tukarambura ibendera ryanditsweho ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugira buti: "Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." Ibyahishuwe 12:17.

Ukuri ntigukwiriye guhishwa, ntigukwiriye guhakanwa cyangwa ngo guhishahishwe. Ahubwo gukwiriye gutangazwa hose, tukakwamamaza dushize amanga.⁶¹⁷

613 *Testimonies*, Vol. 4, p. 447. (1880)

614 *Testimonies*, vol. 4, p. 316 (1879)

615 *Testimonies*, vol. 4, p. 396 (1880)

616 *Testimonies*, vol. 6, pp. 64.65. (1900)

617 *Letter* 3, 1890

Imvugo Ebyiri Zibangamira Gufata icyemezo: Hariho imvugo ebyiri zigomba kwirindwa. Imwe ni ukwanga kubwira abantu inama y'Imana uko yakabaye, ahubwo ukagendera mu mwuka w'abiyitirira ububutse bo muri iki gihe bavuga ngo "Ni amahoro, ni amahoro, mu gihe nta mahoro ahari," kandi mu mihati ikorwa ugacengezamo ikintu gikabakaba ku marangamutima gusa ariko umutima ugasigara udahindutse...

Imvugo ya kabiri ni iyo guhora utunga abantu agatoki mu buryo bukakaye butarangwamo ubukristo, ugakoresha imvugo ikomeretsa abantu kandi ikabashotora.⁶¹⁸

Uburyo Umubwiriza Akoresha Abwiriza Bushobora Kubangamira Gufata icyemezo: Mu myaka ishize nagaragarijwe umurimo wakorwaga na mwene Data ----- Byasaga n'aho yari afatiye inkangara yuzuye amatunda meza y'agahozo imbere y'abantu, ariko ko igihe yabahaga ayo matunda, uburyo yayabahaga n'inyifato ye byari biteye ku buryo nta muntu washakaga kugira itunda afata. Uko ni ko akenshi byagiye biba ku kuri kw'iby'umwuka ageza ku bantu. Igihe yigisha uko kuri, rimwe na rimwe hari umwuka udakomoka mu ijuru ubyivangamo mu buryo butunguranye. Rimwe na rimwe hari amagambo avugwa, ndetse no kuveba abamwumva bibaho ku buryo bitera abantu gutera umugongo ukuri kw'agahozo yari abafitiye.

Nabonye mwene Data----- igihe Umwuka Wera w'Imana wari kuri we. Urukundo yakundaga ukuri rwari urukundo nyakuri, ntabwo rwari urukundo yiyitiriraga ko afite. Uru rukundo yari yararubitse muri we kandi ararugundira, ndetse n'ubu ruracyari mu mutima we. Ariko ikibabaje ni uko uyu mwene Data atari azi kugaragariza abandi impuhwe, ineza ndetse n'umwuka wa Kristo wuje urukundo. Akeneye amavuta yera asukwa mu mitima y'abantu avuye mu ihembe ry'izahabu. Aya mavuta agomba kuzura umutima we, kandi namugeraho, Umwuka w'Imana azaba kuri we.⁶¹⁹

Kwanga Umucyo ni Ikintu Gikomeye: Iyo abantu basuzuguye gutsindwa kuba kwabaye mu mitima yabo, igihe igihamba cyirengagijwe, bene abo bantu bahatirwa kujya mu ruhande rwo kurwanya ukuri bashishikaye kandi bakinangira bidasubirwaho.⁶²⁰

Umurimo Utajenjekewe Ugomba Gukorerwa Abantu: Korana umwete uharanira agakiza k'abantu kandi ukore nk'aho uzi ko ijuru ryose ririho rikwitegereza. Umumarayika wese wo mu bwiza bwo ijuru yitaye ku murimo uriho ukorwa kubw'agakiza k'ubugingo bw'abantu. Ntabwo turi maso nk'uko twagombye kuba tumeze. Ingabo z'abamarayika bose ni abafasha bacu. "Uwiteka Imana yawe iri muri wowe imbere, ni intwari kandi irakiza. Izakwishimana inezerewe, izaruhukira mu rukundo rwayo, izakunezererwa iririmba." None se ubwo ntidushobora gukorana umwete no kwizera! "Uwo muni i Yerusalemu hazabwirwa ngo, 'Witinya Siyoni

⁶¹⁸ Letter 43, 1886

⁶¹⁹ Manuscript 120, 1902

⁶²⁰ Manuscript 13, 1892.

we, amaboko yawe ye gutentebuka.” (Zefaniya 3:16-17). Izere gusa. Senga kandi wizere, bityo uzabona agakiza k’Imana.⁶²¹

IRARIKA NO GUHAMAGARA ABITANGA URI KU RUHIMBI

Gushishikariza Abantu Gufata icyemezo: Kwemeza ubugingo bw’umuntu ko akeneye Kristo si umurimo wacu ahubwo ni umurimo w’Umwuka Wera. Abantu benshi bemezwa iby’icyaha, kandi bakumva uko bakeneye Umukiza ubabarira ibyaha; nyamara baba batanyuzwe gusa n’inzira bagenderagamo n’itege bari bagambiriye kugeraho. Bityo, iyo batararikiwe gushyira mu bikorwa ukuri bakiriye mu mitima yabo, iyo nta magambo avuzwe mu gihe gikwiriye ngo bahamagarirwe gufata icyemezo bashingiye ku buremere bw’ibihanywe bahawe, ba bantu bari batsinzwe mu mitima bataha batisanishije na Kristo, bityo amahirwe bari bagize ameze nk’izahabu akabacika batitanze, ndetse barushaho guhabira kure y’ukuri na Yesu maze amaherezo ntibazigere bafata icyemezo cyo guhagarara mu ruhande rw’Imana.

Nuko rero, umubwirizabutumwa ntakwiriye kwigisha abantu Ijambo ry’Imana gusa mu buryo bwemeza abantu icyaha muri rusange. Ahubwo akwiriye kwereza Kristo imbere y’abamuteze amatwi, akabasobanurira yeruye icyo Kristo abashakaho. Abantu bakwiriye gushishikarizwa guhita bafata icyemezo cyo kujya mu ruhande rw’Umwami Imana.⁶²²

Guha Umwanya Abateze Amatwi Bakitaba Irarika: Umukuru----- -yabonye umusaruro utangaje mu materaniro yayoboye. Yakoresheje uburyo bwo kureka ibyanditswe bikisobanura ubwabyo; kandi Umwuka Wera yatsinze imitima y’abantu benshi maze bemera ukuri. Abantu bashoboraga kwemera gusa amagambo yeruye yababwiraga agira ati, “Ni ko Uwitwaga avuze. ...” Yabwirizaga abantu ku migoroba gusa, igihe abantu babaga bakitse imirimo yabo bakaba bashobora kuza kumutega amatwi. Nyuma y’ibyumweru bike yigisha, noneho yigishije ibyerekeye Isabato, akajya areka Bibiliya igashimangira ibyo avuze byose.

Amateraniro ya mbere yo ku muni w’Isabato yabereye mu ihema rinini. Ubwo umukuru----- yari amaze kubwiriza, hakurikiyeho iteraniro ryerekeye ibibazo mbonezamubano. Rirangiye, yabajije abantu bese banyuzwe n’ukuri kandi biyemeje kujya mu ruhande rwo kumvira Ijambo ry’Imana kugira ngo bahaguruke. Abantu mirongo itanu barahagurutse; amazina yabo arandikwa maze bateganywe iteraniro ryihariye ryo kuzumviramo ubuhamya bwabo. Abantu benshi bavuze amagambo y’agahozo...

Amateraniro yarakomeje maze hashize ibyumweru byinshi, umubwiriza yongera guhamagara abafashe icyemezo cyo kumvira ukuri. Habonetse abantu bari hagati ya makumyabiri na batanu na mirongo itatu. Muri iri

621 Letter 126, 1896

622 Letter 29, 1890

teraniro harimo ababwirizabutumwa benshi kandi batanze ubuhamya bw'agahebuzo.⁶²³

Uko Abantu Bitwaye ku Butumwa Bwabwirijwe n'Itsinda Ryari Ritegereje Kugaruka kwa Kristo mu 1884: Dore uko ubutumwa bwabwirijwe mu 1841, 1843 no mu 1844. ... Nta magambo y'impfabusa umubwiriza yavugaga, ahubwo ibyanditswe Byera byasobanurwaga ku buryo bwumvikana. Akenshi habagaho guhamagara abantu bemeye ukuri kwahamijwe n'Ijambo ry'Imana kugira ngo bahaguruke, kandi umubare munini warahagurukaga. Ababaga bifuzaga ubufasha bwihariye barasengerwaga.⁶²⁴

Kumenya ko Abantu Bagaragaje ko Batsinzwe mu Mitima: Ndabwira bene Data b'ababwirizabutumwa nti: "Ukwigaragaza kose kwerekana ko imitima y'abatizera yatsinzwe n'ubuntu bw'Imana gukomoka ku Mana ubwayo. Ikintu cyose ushobora gukora kugira ngo utume abantu bamenya ukuri, ni uburyo bwo kwemerera umucyo ngo umurike, ari wo mucyo w'ubwiza bw'Imana, nk'uko urabagiranira mu maso ha Yesu Kristo. Erekeza intekerezo z'abantu kuri Kristo we uyobora kandi akagenga byose. Yesu Kristo azaba manu n'ikime cy'umwuka kuri abo bantu bashya bahindutse vuba. Muri we nta mwijima na muke uhaba. Igihe abantu basobanukiwe mu by'umwuka bafatanyije na bo kwiga Bibiliya, bakababwira uko bakwiriye kureka imbaraga y'Umwuka Wera ikabagenga, ko bashobora gushikama mu kuri no kugukomereramo batajegajega, ni bwo imbaraga z'Imana zizahishurwa.⁶²⁵

Kurarika Kenshi Gukorerwa mu Ruhame: [Igihe ubwiriza] Itandukanye n'igisa n'urutebwe cyose, ahubwo utere abantu gutekereza ko mu ngingo zikomeye ubashyira imbere harimo ubugingo cyangwa urupfu, hashingiye ku buryo bazakira cyangwa bazanga. Igihe wigishije ukuri gushungura imitima, abantu bakaba bamaze kumva amagambo y'Imana abereka inshingano bafite, uje ubaza incuro nyinshi abashaka kwegurira Yesu Kristo imitima yabo n'intekerezo zabo babikuye ku mutima.⁶²⁶

Kuganira n'Umuntu ku Giti Cy: Igihe amateraniro asoje, nk'umubwirizabutumwa ukwiriye kugira umwanya w'umwihariko wo kuganira n'umuntu wese uri aho. Buri wese akwiriye kubazwa uko agiye gufata ibyavuzwe, akabazwa niba we ubwe agiye kubicengeza mu mibereho ye. Bityo rero, ukwiriye kwitegereza neza maze ukareba niba hari abantu bafite ubwuzu bwo kwita cyane kubyo wigishije. Amagambo atanu uvuganye na buri muntu mwiherereye azamukorera byinshi kurenza ibyakozwe n'ikibwirizwa cyose cya rusange.⁶²⁷

Umwuka Wera ni we Utuma Irarika Ryitabirwa: Nushaka Uwiteka, ukareka kuvuga amagambo adahwitse, ukazibukira ubwikanyize bwose

623 Letter 372, 1906

624 Manuscript 105, 1906.

625 Manuscript 105, 1906.

626 Letter 8, 1895

627 Manuscript 19b, 1890.

kandi ugakomeza gusenga ubudasiba, Uwiteka azakwegera. Imbaraga z'Umwuka Wera ni zo zituma umuhati wawe no kurarika kwawe bitanga umusaruro. Icisha bugufi imbere y'Imana, kugira ngo ubashe kugera ku rugero ruhanitse ubikesheje imbaraga zayo.⁶²⁸

Urukundo rwa Yesu Rutera Imitima Kuva ku Izima: Imana n'Umwana wayo ikunda ni bo ugomba kwigisha abantu ushingiye ku rukundo bagaragarije inyokomuntu. Mu rwego rwo gusenya inzitizi z'urwikekwe no kutihana, urukundo rwa Kristo rugomba kugira umwanya mu kibwirizwa cyose. Menyesha abantu ukuntu Yesu abakunda, kandi ubabwire n'ibimenyetso yabahaye bigaragaza urukundo rwe. None se ni rukundo ki rwahwana n'urwo Imana yagaragarije umuntu binyuze mu rupfu rwa Kristo ku musaraba? Iyo umutima w'umuntu wuzuye urukundo rwa Yesu, uyu muntu ashobora kurugaragariza abandi, kandi urwo rukundo ruzateza impinduka mu mitima.⁶²⁹

KUYOBORA ABANTU KU GUHINDUKA

Ibyerekeye Guhinduka Nyakuri: Neretswe ko abantu benshi bafite ibitekerezo bijijwe ku byerekeye guhinduka. Kenshi bagiye bumva amagambo avugirwa ku ruhimbi ngo, "Mukwiriye kubyarwa ubwa kabiri." Cyangwa se ngo, "Mukwiriye kugira umutima mushya." Iyo mvugo nshoberamahanga yagiye ibabera amayobera. Ntibashobora gusobanukirwa n'inama y'agakiza.

Abantu benshi bamaze gusitara bagwa mu irimbukiro bitewe n'inyigisho z'ibinyoma zivuga ku mpinduka zibaho iyo umuntu yihannye zigishijwe n'ababwirizabutumwa bamwe. Bamwe muri bo bamaze imyaka myinshi bababaye, bategereje kubona ikimenyetso gifatika kibereka ko bemewe n'Imana. Bitandukanije n'ab'isi ku rwego rukomeye, bityo babonera ibibanezeza mu kwifatanya n'ubwoko bw'Imana. Nyamara ntibahangara kwamamaza Kristo bitewe n'uko batinya ko baramutse bavuze ko ari abana b'Imana baba bemeje ibyo badafitiye igihamba. Baracyategereje za mpinduka zihariye bijejwe zijyana no guhinduka.

Nyuma y'igihe runaka, bamwe muri bo babona ikimenyetso kibereka ko bemewe n'Imana noneho bakabona kujya kwihuza n'ubwoko bwayo. Kuri bo, uwo munsu ni ho bafata ko bahindutse. Ariko neretswe ko baba baramaze kwakirwa mu muryango w'Imana mbere y'icyo gihe. Imana yabemeye igihe bagaragazaga ko barambiwe icyaha, igihe bahitagamo kureka kwifuza ibinezeza by'isi, bakiyemeza gushaka Imana bamaramaje. Ariko kubera kudasobanukirwa n'ukuntu inama y'agakiza yoroheje, bivukije amahirwe menshi n'imgisha myinshi bagombye kuba barasabye iyo baza kuba barizeye gusa ko Imana yabemeye igihe bayihindukiriraga bwa mbere.

628 Manuscript 20, 1905

629 Letter 48, 1886

Abandi nabo bagwa mu kinyoma kirushijeho guteza akaga. Bayoborwa n'imbaraga kamere ibakoresha badatekereje. Ubwuzu bwabo burakangurwa, maze bagafata ko iki kibatsi cy'amarangamutima ari cyo gihamya cy'uko bemewe n'Imana kandi ko bahindutse. Nyamara nubwo biba bimeze bityo, amahame bagenderaho mu mibereho yabo aba atarahinduka. Ibihamya by'umurimo nyakuri w'ubuntu ku mutima w'umuntu ntibiboneka mu marangamutima, ahubwo bigaragarira mu mibereho ye. Kristo yaravuze ati: "Muzabamenyera ku mbuto zabo." Matayo 7: 16.

Abantu benshi b'agaciro [imbere y'Imana] kandi bifuza cyane kuba Abakristo, baracyagwaguza mu mwijima, bategereje ko amarangamutima yabo akoreshwa mu mbaraga nyinshi. Bashaka ko mu marangamutima yabo habamo impinduka idasanzwe. Biteze kubona imbaraga ntakumirwa badategeka kugira ngo ize ibigarurire ibakoreshe. Birengagiza ko uwizera Kristo agomba gusohoza agakiza ke atinya kandi ahinda umushyitsi.

Uretse kwihana gusa, umunyabyaha watsinzwe mu mutima hari ikindi agomba gukora. Agomba kurangiza uruhare rwe kugira ngo abone kwemerwa n'Imana. Agomba kwizera ko Imana yemera kwihana kwe kuko ubwayo yabisezeranye iti: "Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka." Abaheburayo 11:6.

Umurimo w'ubuntu bw'Imana mu mutima w'umuntu ntukorwa mu kanya nk'ako guhumbya. Ukorwa binyuze mu guhora uri maso buri muni kandi wizeye amasezerano y'Imana. Imana ntizasezerera amara masa umunyabyaha wihana, kandi wizera, ndetse agashikama ku kwizera no kwifuza akomeje ubuntu bwa Kristo buhindura umuntu akaba mushya. Imana izamubabarira kandi uko azajya arushaho gukoresha imbaraga ze ngo aje mbere, abamarayika batumwa gukorera abantu bazamufasha.⁶³⁰

Guhinduka Ntikumera Kimwe ku Bantu Bose: Abantu bose ntibateye kimwe. Ntabwo guhinduka kumera kimwe ku bantu bose. Yesu ni we wemeza umutima, maze umunyabyaha akavuka bundi bushya avukiye kugendera mu bugingo bushya. Akenshi abantu bagiye biyegurira Kristo kandi nta kwemezwa gukoreshejwemo imbaraga kubayeho, ndetse nta no gushenjagurika k'umutima, nta n'inkeke z'igishinja ku mutima. Bitegereje Umukiza wahawe ikuzo, maze babaho. Babonye ubukene bw'ubugingo; babonye ko Umukiza abahagije ndetse ko ibyo abasaba bikwiriye. Bumvise ijwiryababwira ati: "Nimunkurikire," maze barahagurukabakamukurikira. Uku guhinduka kwari uk'ukuri, kandi bari bafite imibereho y'iby'iyobokamana irangwa no kumaramaza nk'uko byagenze ku bandi bababajwe bikomeye.⁶³¹

Ntabwo Guhinduka Gufite Ihame Rimwe n'Umurongo Umwe Rikurikiza. Abantu babara uburyo iby'idini byagombye kugenywa, kandi

⁶³⁰ Manuscript 55, 1910.

⁶³¹ Letter 15a, 1890

bakaba bafite ihame rimwe n'umurongo utaziguye bakurikiza mu gusakaza umucyo n'ubuntu bashobora kuba bafite, mu by'ukuri ntibaba bafite Umwuka Wera ku rugero rushyitse....

Nubwo tutabasha kureba Umwuka w'Imana, tuzi ko abantu bapfiriye mu bicumuro n'ibyaha batsindwa mu mitima yabo kandi bagahinduka bitewe n'imikorere y'Umwuka Wera. Abapfapfa n'abayobagurika bahinduka abantu badakebakeba. Abinangiraga imitima bihana ibyaha byabo, kandi abatizeraga Imana bakayiringira. Abakinnyi b'urusimbi, abasinzi n'abahehesi bahinduka abantu bahamye, birinda muri byose kandi b'imbonera. Ibyigomeke n'intakurwa ku izima bahinduka abagwaneza kandi bagasa na Kristo. Iyo tubonye izo mpinduka mu mico y'abantu, tumenya tudashidikanya ko imbaraga y'Imana ihindura imitima yahinduye uwo muntu wese uko yakabaye. Ntabwo twabonye Umwuka Wera n'amaso yacu, ahubwo twabonye igihamya cy'umurimo we ku mico yahindutse y'abari basanzwe ari abanyabyaha binangiye kandi bafite umutima ukomeye nk'ibuye. Uko umuyaga uhuha ibiti binini ukabikoza hirya no hino kugeza ubwo ubigusha, ni ko n'Umwuka Wera ashobora gukora ku mitima y'abantu, kandi nta muntu ushobora guhagarika umurimo w'Imana.

Umwuka w'Imana yigaragaza ku bantu batandukanye mu buryo na bwo butandukanye. Umuntu umwe ashobora kugendererwa n'iyi mbaraga maze agahindira umushyitsi imbere y'Ijambo ry'Imana. Kwemezwa mu mutima we bizaba byimbitse cyane bise n'aho ishuhari no kwivumbagatanywa kw'amarangamutima bihorera mu mutima we, bityo ubugingo bwe bwose bugacishirizwa bugufi kumvira imbaraga y'ukuri. Iyo Uwituka agiriye imbabazi umuntu wihannye, uwo muntu yuzura umurava, agasabwa n'urukundo rw'Imana, akuzura kumaramaza n'imbaraga, kandi umwuka utanga ubugingo yakiriye ntushobora gukumirwa. Kristo uba muri we amuhindukira isoko y'amazi adudubiza kugeza ku bugingo buhoraho. Amarangamutima ye aya mu rukundo aba yimbitse kandi yuzuye ishyamba nk'uko agahinda n'umubabaro ukomeye yagiraga byanganaga. Ubugingo bwe buhinduka isoko ifukuye cyane kandi ifunguye, maze mu kanwa hagaseseke amagambo yo gushima no gusingiza, guhimbaza n'ibyishimo kugeza ubwo mu ijuru bacuranga inanga mu majwi y'ibyishimo. Aba afite inkuru yavugaga, ariko ntabe yabasha kuyivugaga mu buryo rukana buzwi, busanzwe kandi bufite umurongo runaka bukurikiza. Aba ari ubugingo bucunguwe binyuze mu byo Yesu Kristo yakozwe, kandi impagarike ye yose igasabwa n'akanyamuneza ko kumenya agakiza k'Imana.

Abandi bagezwa kuri Kristo mu buryo butuje. Kristo yaravuze ati: "Umuyaga uhuha aho ushaka, ukumva guhuha kwawo ariko ntumenya aho uva cyangwa aho ujya. Ni ko uwabyawe n'Umwuka wese amera" (Yohana 3:8). Ntushobora kubona uri gukora igikorwa ariko ubona ibikorwa bye. Igihe Nikodemo yabazaga Yesu ati: "Ibyo byashoboka bite?" Yesu yaramubwiye ati: "Ukaba uri umwigisha w'Abisirayeli ntumenye ibyo!" Umwigisha mu Bisirayeli, umwe mu banyabwenge, wabaga ari umuntu uhamya ko asobanukiwe n'ubuhanga mu by'idini, ariko kandi akajijinganya

ku ihame ryo guhinduka! Ntiyashakaga kwemera ukuri, bitewe n'uko atashoboraga gusobanukirwa n'ibintu byose bifatanye isano n'imikorere y'imbaraga z'Imana, ariko kandi yemeraga ibihamya bifatika by'ibibera mu byaremwen'ubwo atashoboragakubisobanuracyangwangoabisobanukirwe. Nikodemu, kimwe n'abandi bantu babayeho mu bihe byose byashize, yari ahanze amaso imigenzo n'imihango igaragara y'idini, bityo agafata ko ari yo y'ingenzi cyane mu by'idini kurusha imikorere yimbitse y'Umwuka w'Imana.⁶³²

Guhinduka Gutera Umuntu Kumvira: Guhinduka k'ubugingo bw'umuntu si impinduka y'agaciro gake. Ni igitangaza gikomeye cyane gikorwa n'imbaraga z'Imana. Umusaruro ufatika ugomba kugerwaho binyuze mu kwizera Kristo nk'Umukiza w'umuntu bwite. Kubwo gutunganywa bivuye ku kumvira amategeko y'Imana, tukereshwa kubahiriza Isabato yayo yera tudakebakeba, tukiringira kandi tukizera Imana, tugategereza twihanganye, ndetse tugasohozza agakiza kacu dutinya kandi duhinda umushyitsi, tuzamenya ko Imana ari yo yaduteye gukunda no gukora ibyo yishimira.⁶³³

Kwezwa Bibaho Binyuze mu Gukurikiza Ukuri Gusa: Umuntu ntakwiriye gusoma Ijambo ry'Imana gusa, ngo atekereze ko kumenya iri Jambo mu buryo busanzwe bizagira icyo bihindura mu mico ye. Umurimo wo guhindura imico ushobora gukorwa gusa na Yesu Kristo, we nzira, ukuri n'ubugingo. Umuntu ashobora gushikama ku mahame amwe y'ukuri adakebakeba. Aya mahame ashobora gusubirwamo kenshi kugeza ubwo abayashikamyemo batekereza ko bamaze gushyikira imigisha ikomeye ivugwa n'ayo mahame. Ariko rero burya umuntu ashobora gushikama ku kuri gukomeye kandi gufite imbaraga kurenza ukundi kose, ariko rero akagukomeraho mu bigaragara inyuma, kukagira imbaraga nke cyane zituma imibereho ye ya buri munsu iba iboneye kandi ari nk'umubavu uhumura neza. Ntabwo ubugingo bw'umuntu bwereshwa ukuri kudashyizwe mu bikorwa.⁶³⁴

Amahame Cyangwa kuba Umwizera w'Itorero Ntibisimbura Guhinduka: Abantu bose, baba abakomeye n'aboroheje, iyo batahindutse nta n'umwe uruta undi. Abantu bashobora kureka amahame amwe bakayoboka andi. Ibi birakorwa kandi bizakomeza gukorwa. Abayoboke b'inyigisho za gipapa bashobora kuva muri Kiliziya Gatulika bakajya mu Baporotesitanti; ariko bashobora kutagira icyo bamenya ku busobanuro bw'aya magambo ngo: "Nzabaha n'umutima mushya, mbashyiremo n'umwuka mushya," (Ezek.36:26). Kwemera inyigisho nshya no kwifatanya n'itorero runaka ntibigira uwo bizanira ubugingo bushya kabone n'ubwo iryo torero yifataniye na ryo ryaba ryubatse ku rufatiro rw'ukuri. Kwifatanya n'itorero runaka ntibisimbura guhinduka. Kwiandikisha mu itorero

⁶³² *Review and Herald*, May 5, 1896

⁶³³ *Manuscript* 6, 1900.

⁶³⁴ *Letter* 16, 1892

runaka ukayoboka amahame yaryo ntacyo bimarira umuntu iyo umutima we udahindutse by'ukuri. ...

Tugomba kugira ibirenze imyizerere ishingiye ku kumenya ukuri. Abenshi mu Bayuda bizeraga ko Yesu yari Umwana w'Imana, ariko bari abibone bikabije kandi bararikiye gukomera kwabo ku buryo ibyo byatumye batamwiyegurira. Biyemeje kwanga ukuri maze bakomeza kumurwanya. Ntabwo imitima yabo yakiriye ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Igihe umutimanama wonyine ufashe ukuri nk'ukuri koko, iyo umutima udakanguwe ngo ubashishwe kwakira uko kuri, intekerezo zonyine ni zo zikorwaho. Ariko iyo ukuri kwakiriwe n'umutima nk'ukuri koko, kuba kwanyuze mu mutimanama, kandi kuba kwigaruriye ubugingo gukoresheje amahame yako atunganye. Umwuka Wera ni we ugushyira mu mutima w'umuntu, agahishurira intekerezo ubwiza bwako ku buryo imbaraga yako ihindura ibasha kugaragarira mu mico y'uwo muntu.⁶³⁵

Guhinduka ni Umusaruro Uva ku Mwete Ukubiye Hamwe: Mu murimo wo kuzahura ubugingo bw'inzimizi zigana mu kurimbuka, ntabwo umuntu ari we ukora umurimo wo gukiza ubugingo bw'abantu, ahubwo Imana ni yo ikorana na we. Imana irakora n'umuntu agakora. "Muri abakozi bakorana n'Imana." Tugomba gukora mu buryo butandukanye kandi tugahimba uburyo butandukanye, bityo tukareka Imana igakorera muri twe, ikaduhishurira ukuri kandi nayo ubwayo ikatwihishurira ko ari yo Mukiza ubabarira ibyaha.⁶³⁶

Gufasha Umunyabyaha Washobewe: Kora mu gihe gikwiriye n'ikidakwiriye, uburire urubwiruko, uhendahende abanyabyaha ubagaragariza urukundo Kristo abakunda. Igihe uzumva ijwi ry'umunyabyaha ataka ati: "Yoo, ibyaha byanjye, ibyaha byanjye, mfite ubwoba ko byabaye umurengera bidashobora kubabarirwa," mushishikarize kwizera. Erereza Yesu, umwerereze cyane uvuga uti: "Nguyu Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." (Yohana 1:29). Niwumva ijwi ry'utaka agira ati: "Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha" (Luka 18:13), uwo muntu uhinda umushyitsi mwereke Umukiza ubabarira ibyaha kugira ngo amubere ubuhungiro.⁶³⁷

Abamarayika Barishima: Guhinduka k'ubugingo bw'abantu bukegurirwa Imana ni umurimo ukomeye cyane, ni nawo murimo wo mu rwego rwo hejuru cyane abantu bashobora kugiramo uruhare. Kwihangana kw'Imana, urukundo rwayo rutarondoreka, ukwera kwayo n'imbaraga zayo bihishurirwa mu guhinduka k'ubugingo bw'umuntu. Uguhinduka nyakuri kose guhesha Imana ikuzo, kandi kugatera abamarayika guturagara bakaririmba. "Imbabazi n'umurava birahuye, gukiranuka n'amahoro birahoberanye." (Zaburi 85:11).⁶³⁸

635 *Review and Herald*, Feb. 14, 1899

636 Letter 20, 1893

637 *Manuscript* 138, 1897

638 Letter 121, 1902

GUHURIZA HAMWE ABAFITE UBWUZU BWO KWIHANA

Abantu Benshi Bifuza Cyane Kuja mu ijuru: Ku isi yose abagabo n'abagore bahanze amaso ijuru. Amasengesho, amarira no kwinginga birazamuka bikajya mu ijuru biturutse mu mitima yifuza umucyo, ubuntu na Mwuka Muziranenge. Abantu benshi bari ku rugabano rw'ubwami bw'Imana bategereje gusa kwinjizwa.⁶³⁹

Jya Gushaka Inzimizi: Iyo twirunduriye mu murimo n'umutima wacu wose, tuba dukorana bya hafi cyane n'abamarayika; tuba turi abakozi bakorana n'abamarayika na Kristo; kandi ijuru riba ridufitiye impuhwe zizira inenge kandi zihebuje. Twegerezwa ijuru kurushaho, tukarushaho kwegerezwa ingabo z'abamarayika na Yesu Kristo. Nimutyo rero twiyegurire muri uyu murimo n'imbaraga zacu zose.

Ntugacogore mu murimo kuko Imana izadufasha. Abamarayika na bo bazadufasha, kubera ko ari wo murimo wabo, kandi akaba ari wo murimo w'ingenzi bashaka ko tugiramo uruhare . . .

Uyu ni umurimo mugomba kwinjiramo mubishishikariye; kandi igihe mubonye intama yazimiye, muyihamagarire kugaruka mu mukumbi; kandi ntimuyisige kugeza ubwo muzabona iri mu rwuri itekanye. Ndasaba ngo Ijuru ridufashe ngo Umwuka wari mu Mwami wacu ube muri twe. icyo ni cyo twifuza. Kristo aratubwira ati: "Mukundane nk'uko nanjye nabakunze." Nimujye gushaka intama zazimiye zo mu nzu ya Isirayeli.⁶⁴⁰

Ishingikirize kuri Kristo Maze Uzane Abantu: Ukuboko kumwe kw'abakozi gukwiriye gufata Kristo kumukomeje, naho ukundi bakagusingiriza abanyabyaha maze bakabazana ku Mukiza.⁶⁴¹

Nimugire kwizera n'ibyiringiro, kandi murehereze abantu kuza mu birori byo gusangira ubutumwa bwiza.⁶⁴²

Ushobora Kutazongera Kubabona: Nyuma y'iteraniro rikuru, tuba dufite inshingano yo kwita ku bitanze muri ayo materaniro kimwe n'uko twita ku bitanze muri iki gihe. Ibyo ni ngombwa kubera ko incuro itaha ushobora kuzajyayo, niba bari barakozwe ku mutima bagatsindwa, ariko kubw'uko gutsindwa ntibitange, kuri icyo ncuro usubiyeyo byagukomerera cyane gukora ku mitima yabo kurusha uko byari bimeze mbere, kandi ntushobora kongera kubabona.⁶⁴³

Gufata icyemezo Muri iki Gihe Biraruhije: Mu bihe turimo biraruhije kwemeza abavuga ko bizera ukuri bakagera ubwo bimenyera ubwabo imbaraga zako zeza kandi zizana ubugingo. Bene ibi byabayeho mu minsi

⁶³⁹ Ibyakozwe n'Intumwa, p. 72.

⁶⁴⁰ Undated Manuscript 141.

⁶⁴¹ Review and Herald, Sept. 10, 1903.

⁶⁴² Letter 112, 1903.

⁶⁴³ Manuscript 19b, 1890

yashize, ariko imihango y'ibigaragara yasimbuye izo mbaraga, kandi kwiyoroshye kugukomokaho kwagiye kuzimirira mu mihango.⁶⁴⁴

Umugani: - Guteranyiriza Hamwe Imbuto Zeze: Mu nzozi narose ku itariki ya 29 Nzeri, 1886, najyanaga n'itsinda rinini ry'abantu bashakashakaga inkeri. . . Umunsi wagendaga wira, ariko hari hakoze umurimo muto cyane. Amaherezo naje kuvuga nti: "Bene Data, muvuga ko uru rugendo nta musaruro rwagezeho. Niba uku ari ko mukora, ntabwo ntangajwe n'uko mwabuze umusaruro. Kugera ku ntego cyangwa kutayigeraho kwanyu bishingira ku buryo mukora umurimo. Hano hari inkeri; kuko nazibonye. Bamwe muri mwe bahoze bashakashaka mu bihuru ariko ntibagira icyo babona; abandi babonye inkeri cyane; ariko mwagiye muhita ku bihuru binini mubitewe n'uko mutari mwiteze ko hari inkeri mubisangamo. Murabona ko inkeri nasaruye ari nyinshi kandi zirahishije. Mu gihe gito izindi nkeri ziraba zeze, bityo rero dushobora gusubira gushakashaka mu bihuru. Ubu ni bwo buryo nigishijwe gusarura amatunda. Iyaba mwashakishije no hafi y'igare ry'umwotsi, naho muba mwahabonye imbuto z'inkeri nk'uko nazibonye....

"Imana yashyize ibyo bihuru byera inkeri aho hantu h'inzitane rwagati, kandi yiteze ko muzishaka mukazibona. Ariko mwese mwamaze igihe muhugiye mu kurya no kwishimisha. Ntabwo mwaje aha hantu mufite umugambi uhamye wo gushaka amatunda. ...

"Nimuramuka mukoze mu buryo bwiza, muzigisha abakozi bakiri bato ko gahunda nk'izo kurya no gukina ari iz'agaciro gake. Byabaye umurimo ukomeye cyane kuzana aha hantu igare rihetse ibiribwa n'ibindi mukeneye, ariko mwatekereje cyane ku biribwa n'ibindi mukeneye kuruta uko mwari gutekereza ku mbuto mwagombye kujyana imuhira ho umusaruro uvuye mu mirimo yanyu. Mukwiriye gukorana umurava, mukabanza gusoroma iziri hafi yanyu, hanyuma mukajya gushaka iziri kure, mwarangiza mukagaruka mukongera gukora aho mwatangiriye. Nimubigenza mutyo, muzabona umusaruro ushimishije."⁶⁴⁵

Kirana n'Imana uyisaba kuguha abantu urokora: Nitugira ubwuzu nk'ubwo John Knox yari afite igihe yatakambiraga Imana kubera igihugu cya Sikotilandi [Scotland], tuzashobora kugera ku ntsinzi. Yatakambiye Imana n'ijwi rirenga ati: "Uwiteka Mana yanjye, mpa Scotland, niba utayimpaye, ureke mfe." Igihe tuzaba twirunduriye mu murimo kandi tugakirana n'Imana tuvuga tuti: "Ngomba kubona ubugingo ndokora, ntabwo nzavirira urugamba," tuzabona ko Imana izareba ku muhati wacu ikatugirira ubuntu."⁶⁴⁶

Wishaka Umusaruro ku Ngufu: Nubona umuntu wendaga gufata icyemezo cyo kwihana ashaka kwisubiraho, uzitonde ntugashake gukora hutihuti ngo usarure amatunda atarera. Ahubwo niba bishoboka, fasha

644 *Manuscript 104, 1898*

645 *Gospel Workers, p. 138.139, (1886).*

646 *Manuscript 14, 1887.*

abantu bakomeze kugira icyizere, kugira ngo abantu bari mu rungabangabo rwo gufata icyemezo babashe kubona inzira y'ukuri banyuramo kandi babone n'ubugingo.⁶⁴⁷

UBURYO BWO GUFASHA ABANTU KUMASHA BAGAFATA ICYEMEZO

Kristo Yabwiraga Abamuteze Amatwi mu Magambo Ataziguye: Ndetse n'imbaga y'abantu akenshi yamukurikiraga, Kristo yashoboraga kuzirikana buri muntu wese uyirimo ku giti cye. Yavuganaga na buri wese ataziguye kandi yakoraga ku mutima wa buri wese. Yitegerezaga mu maso h'ababaga bamuteze amatwi, akabona kurabagirana ko mu maso habo bityo ibyo bikaba ikimenyetso cyihuse cyerekana ko ukuri kwageze mu bugingo bwabo, maze mu mutima we na ho hakumvikana gusabwa n'ubwuzu n'umunezero.⁶⁴⁸

Yitegerezaga mu Maso Akamenya ko Hari Igihindutse: Yesu yitegerezaga abiyitayeho cyane uko mu maso h'ababaga bamuteze amatwi hagendaga hahindura isura. Indoro z'abagaragazaga ko bafite ubushake n'ibyishimo zaramunezezaga cyane. Igihe imyambi y'ukuri yabaga ihinguranya ubugingo bwabo igasenya insika zo kwikunda kandi ikabatera kubabazwa n'ibyaha no kubyihana, maze ku iherezo ikabatera umutima unyuzwe kandi ushima, Umukiza yaranezerwaga. Igihe yararanganyaga amaso mu bamuteze amatwi maze akabonamo amasura y'abantu yabaga yarabonye mbere, mu maso He habengeranaga ibyishimo. Yababonagamo abaragwa bafite ibyiringiro by'ubwami Bwe. Iyo ukuri yabaga yavuze mu magambo yeruye kwakoraga ku kigirwamana runaka umuntu akigundiriye, Yesu yabonaga uko mu maso h'uwo muntu hahindutse, akabona indoro yijimye, yo gukumira, yabaga isobanura yuko atakiriye umucyo. Iyo yabonaga abantu banze kwakira ubutumwa bwo kubahesha amahoro, byashenguraga umutima bikomeye cyane.⁶⁴⁹

Kubwiriza Ugambiriye Gufasha Abafata Icyemezo: Mu gihe ubwiriza abantu, batere umwuka wo kumaramaza no kwemera ibivugwa. Bishoboka ko insanganyamatsiko yawe ari nziza cyane, kandi ikaba ihuye n'ubukene bw'abaguteze amatwi, ariko byaba byiza ukoresheje amagambo yo kubararika akora ku mitima akabatera kwemera ibivugwa....

Babwire weruye kandi ufite ubutware uti: "Ni ko Uwiteka avuga," maze werereze ubwenge bw'Imana buri mu byanditswe mu Ijambo ryayo. Bafashe kugira ngo bagere aho bafata icyemezo; kandi ureke ijwi rya Bibiliya rikomeze kumvikanira imbere yabo. Babwire ko uriho uvuga ibyo uzi, kandi ubahamirize iby'ukuri kuko Imana ari yo yabyivugiye. Kora ku buryo ikibwirizwa cyawe kiba kigufi kandi urase ku ntego, maze noneho igihe gikwiriye nikigera urarike abantu gufata icyemezo ngo bitange. Ntukwiriye kubwiriza abantu ukuri mu buryo busanzwe, ahubwo ureke umutima wawe

⁶⁴⁷ Letter 7, 1885

⁶⁴⁸ Uburezi, pp. 242, 233.

⁶⁴⁹ Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 164.

uhemburwe n'Umwuka w'Imana, kandi ureke amagambo yawe yumvikane ko ari ukuri rwose kugira ngo abakumva bamenye ko ukuri uvuga ari impamo koko no kuri wowe.⁶⁵⁰

Ntugahushe Intego: Ntugashyigikire uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kwigisha abantu Ibyanditswe Byera bushobora kubyutsa ubwibone mu muntu uzabumburira abandi Ijambo ry'Imana aribigisha. Umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe ni uwo kugeza abigishwa n'abakozi ahantu bazasesengura ingingo [zivugwa mu Byanditswe] mu buryo budakebakeba, bwiubashye kandi bweruye kugira ngo he kubaho igihe gipfushwa ubusa muri uyu murimo ukomeye. Ntugahushe intego yawe. Igihe dufite ni kigufi cyane ngo duhishurire abantu ibintu byose bigomba gushyirwa ahagaragara. Kugira ngo abantu bamenye uburebure n'ubugari, ubujyakuzimu n'ubuhagarike by'Ibyanditswe Byera, bizasaba ibihe bidashira. Ku bantu ukuri kurarutana, kuko hariho ukuri kw'ingenzi bakeneye cyane. Mu kwigisha abantu Ibyanditswe Byera hakenewe ubuhanga.⁶⁵¹

Guhora Ujya Mbere: Ntidukwiriye gutekereza tuti, "Ni byiza, dufite ukuri kose, dusobanukiwe n'inkingi z'ingenzi zo kwizera kwacu, bityo rero reka tugarukirize aha." Ukuri ni uguhora kuja mbere, bityo rero tugomba kugendera mu mucyo uhora wiyongera.

Mwene Data umwe yarabajije ati: "Mushiki wacu White, mbese utekereza ko twebw ubwacu dushobora gusobanukirwa n'ukuri? Kuki tutafata ukuri abandi barangije gushyira hamwe ngo abe ari ko twizera kubera ko basesenguye ingingo zikurimo, bityo ibyo bizaturuhura twikomereze tutagombye kunaniza imbaraga z'intekerezo dusesengura izo ngingo zose? Mbese ntabwo utekereza ko abantu bashyize ahagaragara ukuri mu bihe byashize bari bahumekewe n'Imana?"

Sinhangara kuvuga ko batari bayobowe n'Imana kuko Kristo ayobora abantu mu kuri kose; ariko iyo bigeze ku guhumekerwa mu busobanuro bwuzuye bw'iri jambo, ndamusubiza nti, Oya.

... Dukwiriye kugira ukwizera kuzima mu mitima yacu, kandi tukarushaho kwagura ubumenyi no kugira umucyo uruseho.⁶⁵²

Kenyerera Kurwanya Umwanzi: Turiho mu gihe gishishana; bityo rero dukeneye bwa buntu buzatugira intwari ku rugamba, tukabasha gutsimbura ingabo z'umwanzi. Ncuti muvandimwe, mu mirimo ukora, ukeneye kugira ukwizera kuruseho, ukarushaho kugira ubutwari no gufata icyemezo. Ukeneye kurushaho guhatana ujya mbere ugashabuka. . . . Urugamba turiho rurakaze. Ufite intege nke cyane; ukeneye imbaraga ziruseho mu murimo wawe, nibitaba bityo uzacibwa intege n'umusaruro uzawuvamo. Hari igihe biba ari ngombwa kurwana inkundura kugira ngo utsinde umwanzi. Ugomba kwiga uburyo n'inzira wajya ukoresha kugira ngo ugere

650 Letter 8, 1895

651 Manuscript 153, 1898

652 Review and Herald, March 25, 1890.

ku bantu. Jya ubasanga maze ubaganirize. ... Reka abantu basobanukirwe ko ufite ubutumwa busobanuye ubugingo kuri bo, ndetse bukaba ari ubugingo buhoraho baramutse babwemeye. Niba hari insanganyamatsiko yatera umutima w'umuntu kugira ubwuzu ni iyo kwamamaza ubutumwa buheruka bw'imbabazi ku bantu bari mu nzira igana mu irimbukiro. Ariko nibanga ubu butumwa, buzabahindukira impumuro y'urupfu izana urupfu. Kubera izo mpamvu, ukeneye gukora udakebakeba, nibitaba bityo umuhati wawe uzaba imfabusa. icyampa ngo ubisobanukirwe kandi ngo urusheho gucengeza ukuri mu mutimanama ubifashijwe n'imbaraga z'Imana. Vuga amagambo utajenjetse kandi utume kugaragara ko ari ikintu cy'ingenzi mu ntekerezo z'abantu.⁶⁵³

Gukoresha Imbaraga Nyinshi ni Ngombwa: Kwigengesera birakenewe, ariko igihe bamwe mu bakozi bifata cyane bagakora goyi goyi, iyo mu murimo bakora ariko badafatanyije n'abantu babona ko ari ngombwa gukorana umwete mwinshi, hari byinshi cyane bizazimira; amahirwe menshi azabacika kandi ubuntu bw'Imana bubakingurira amayira ntibuzagaragara.

Igihe abantu bamaze gutsindwa mu mitima batararitswe ngo bafate icyemezo hakiri kare, hari akaga ko uko gutsindwa kuzagenda kubavamo buhoro buhoro. ...

Akenshi, igihe iteraniro ryenda kurangira, igihe imitima y'abantu yiteguye kwakira ukuri kw'Isabato, usanga kubwo gutinya ingaruka zishobora kubabaho ababwiriza baba baretse guhamagara abitunga. Ibi byagiye bikorwa, kandi umusaruro wabivuyemo ntiwabaye mwiza. Imana yatubikije ukuri kwera. Dufite ubutumwa, ndetse ni ubutumwa bukiza, ubutumwa dutegekwa kubwira abatuye isi bose, kandi ubwo butumwa buzagira umusaruro uzahoraho iteka ryose. Twebwe nk'ubwoko [bw'Imana], twahawe umucyo ugomba kumurikira isi.⁶⁵⁴

Imbaraga za Mwuka Zitera Gutsinda: Bwira abantu bari mu nzira yo kurimbuka, kandi ubatere kubura amaso barebe Yesu ku musaraba, ari kuhapfira kugira ngo ashobore kubabarira abantu ibyaha byabo. Bwiriza umunyabyaha umutima wawe bwite usendereye urukundo rwa Kristo rwuje ineza n'impuhwe. Reka habeho kudakebakeba kwimbitse, ariko rero ntihakagire ijamba ry'ubuhubutsi no gusakuza ryumvikana mu ijwi ry'umuntu uri kugerageza kurarikira abantu ngo barebe maze babeho. Banza na we ubwawe wegurire Imana ubugingo bwawe. Niwitegereza Umuhuza wacu uri mu ijuru, umutima wawe uzashenjagurwa. Ubwo rero umutima wawe uzaba umaze koroha no gutsindwa, nawe ni bwo uzashobora kubwira abanyabyaha bihana nk'umuntu usobanukiwe n'imbaraga y'urukundo rwaducunguye. Fatanya na bo gusenga, ku bwo kwizera ubarambikiye munsu y'umusaraba; maze intekerezo zabo uzizamurane n'izawe maze bahange amaso yo kwizera aho nawe uhanze ayawe ari ho

⁶⁵³ Letter 8, 1895

⁶⁵⁴ Letter 31, 1892

kuri Yesu, Uwikoreye ibyaha by'abantu. Bafashe bavane amaso yabo kuri kamare yabo y'icyaha maze bayahange Umukiza, ni bwo bazatsinda. ...

Ubukene bukomeye dufite ni ubw'umurimo Umwuka Wera akorera muri twe. Mu murimo we ndetse n'uko yigaragaza, Umwuka Wera ni Imana muri byose. Imana ishaka ko mugira impano y'umwuka; bityo muzabasha gukora mufite imbaraga mutigeze mumenya. Urukundo, kwizera n'ibyiringiro bizaguma muri mwe. Mushobora gukomeza kujya mbere mu kwizera mwiringiye ko Umwuka Wera abaherekeza.⁶⁵⁵

Umwuka Wera ni we Ucengeza Ukuri: Umwuka Wera ni we utuma ukuri gukora ku mitima y'abantu. Hora ubwira abantu ukuri kw'ibifatika kutari uko mu magambo gusa.⁶⁵⁶

Icyemezo Kirehejwe n'Amagambo n'Imyitwarire Byacu: Igihe nabonaga iri teraniro naribwiye nti, 'Hari ibyemezo bizafatwa iteraniro rirangiye n'ibindi bizafatwa hagati muri ryo. Hazabaho abantu bamwe bazahitamo uruhande bahagararamo by'iteka bakajya munsu y'ibendera ry'umukara ry'imbaraga z'umwijima. Hariho n'abandi bamwe bazajya munsu y'ibendera risizwe amaraso ry'Igikomangoma Imanweli. Amagambo tuvuga, imyitwarire yacu n'uko twigisha abantu ukuri, ibyo byose bishobora kutera abantu kwemera ukuri cyangwa kukwanga. Bityo rero, dushaka ko mu kibwirizwa cyose, cyaba ikigamiye gucengeza amahame cyangwa atari ibyo kigamiye, dushaka ko Yesu Kristo aba akwiriye kuvugwa mu buriyongere nk'uko Yohana Umubatiza yavuze ati: "Nguyu umwana w'Intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi, (Yohana 1:29).

Yemwe bantu namwe bagabura, imvugo yose wagize akamenyero, kandi ikaba ityaye ndetse ikomeretsa, cyangwa imigirire yose yo kubwira abantu ibyemezo bikakaye batigeze bitegura kwakira kurenza uko uruhinje ruba rwiteguye kurya ibyokurya bikomeye, ibyo byose ukwiriye kubizibukira. Nk'uko umwambaro wose utabura umubariro, ni ko na Kristo agomba kuboneka mu magambo yose no mu kibwirizwa byose. Kristo, Kristo, Kristo agomba kuba ahantu hose, kandi ndumva umutima wanjye ukeneye Kristo birenze uko nigeze mugirira inyota.

Aha hari abantu badasobanukiwe; nta cyo bazi ku byerekeye ukuri. Bigishijwe n'abagabura ngo iki ni ko kimeze na kiriya ni uko kimeze. Igihe Ijambo ry'Imana risobanuriwe abantu, igihe ryigishijwe nk'uko riri ritavangiye maze bakabona uko Ijambo ry'Imana rivuga, mbese aho bazakora iki? Hariho abantu bake bazafata icyemezo cyo kwemera iryo Jambo. Ariko rero reka mbabwire, mukwiriye kwitondera uburyo mufata Ijambo ry'Imana, kubera ko iryo Jambo ari ryo rizatera abantu gufata icyemezo. Nimureke Ijambo ry'Imana ribe ari ryo rikomeretsa, aho kugira ngo amagambo yanyu abe ari yo akomeretsa. Ariko se abantu nibifatira icyemezo, bizagenda bite?⁶⁵⁷

⁶⁵⁵ Letter 77, 195

⁶⁵⁶ Testimonies, vol. 6, p. 57 (1900)

⁶⁵⁷ Manuscript 42, 1894.

Umusaruro Wakererejwe: Abatambyi bemejwe ko Umukiza yari afite imbaraga y'ubumana. Bari bahawe uburyo bwo kumenya ukuri no kugerwaho n'umucyo. Iyo bawanga, wari kwigendera ubutazagaruka. Abantu benshi banze umucyo; nyamara ntiwabaye imfabusa. Hari benshi wari waragezeho batabyerekanaga. Mu gihe Umukiza yari akiriho, umurimo We wasaga nk'aho utitaweho n'abatambyi ndetse n'abigisha, nyamara amaze gusubira mu ijuru, "abatambyi benshi bumvira uko kwizera." Ibyakozwe n'Intumwa 6:7.⁶⁵⁸

Siga Abaguteze Amatwi Batanga icyizere: Kuki Kristo yagiye iruhande rw'inyanja no mu misozi? Yashakaga kubwira abantu ijambo ry'ubugingo. Ntabwo baheragako babona ubwo bugingo. No muri iki gihe, abantu benshi ntibabona ko ari ngombwa guhita bafata icyemezo, ariko ibyo bintu [baba bumvise] bigenda bihindura imibereho yabo; kandi igihe ubutumwa buzavugwa mu ijwi rirenga, bazaba biteguye gufata icyemezo. Ntabwo bazatindiganya; ahubwo bazaza maze bahagarare mu mwanya wabo.⁶⁵⁹

GUHURA N'URWIKWE N'ABARWANYA UKURI

Abarwanya Ukuri: Abantu bazana umusemburo w'ukuri ahaganje inyigisho n'inyizerere by'ibinyoma baba bakwiye kwitegura guhura n'ababarwanya. Ingabo za Satani zizarasa imyambi ku bantu bavuganira ukuri, kandi abatwaye ibendera [ry'ukuri] bagomba kwitega ko bazahura n'ababakwena benshi n'ababasebya ku buryo kubyihanganira bizaba bigoye.⁶⁶⁰

Ivugurura Ribyara Kurwanywa: Yesu n'abigishwabe bari bazengurutse n'abantu barangwa n'urwikekwe, ubwibone, ukubogama, kutizera ndetse n'urwanganano. Abantu bari buzuye inyigisho z'ibinyoma, kandi nta kindi cyajyaga gukoreshwa ngo kigere ku ntego uretse gukorana umuhati ukubiye hamwe udacogora. Nyamara umurimo ukomeye wo gukiza ubugingo bw'abantu ntiwashoboraga kwirengagizwa bitewe n'uko hariho ingorane zikomeye bagombaga gutsinda. Byari byaranditswe ko Umwana w'Imana "atazatsindwa cyangwa ngo acike intege."

Imbere yacu hari umurimo ukomeye udutegereje. Umurimo ijuru riyitayeho kandi rikaba riwushishikariye wahawe itorero rya Kristo. Yesu yaravuze ati: "Nuko mugende, muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa," (Matayo 28:19). Umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe cyacu uhura n'ingorane nk'izo Kristo yahuye nazo, ndetse n'izo abagorori b'ibihe byose bagiye batsinda. Bityo rero, natwe tugomba kwegurira ubushake bwacu mu ruhande rwa Kristo, maze tugatwaranira kuja mbere dufite kwiringira Imana gushikamye.⁶⁶¹

Urwikekwe Rutera Kwanga Umucyo: Mu mutima w'umuntu habamo kamere irwanya ukuri no gukiranuka. ... Imbaraga ya Kristo itangaje

⁶⁵⁸ Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 173.

⁶⁵⁹ Manuscript 19b, 1890.

⁶⁶⁰ Review and Herald, Oct. 14, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

⁶⁶¹ Review and Herald, March 13, 1888. [Urwibutso n'Integuza].

yagaragaje ko yari Umwana w'Imana koko. Mu mijyi y'Ubuyuda hatangiwe igihamya gikomeye cyerekana ubumana bwa Kristo n'inshingano yari yaramuzanye. . . Ariko rero guhangana n'urwikekwe no kubogama birakomeye, ndetse byakomereye na Kristo we Mucyo n'Ukuri, kandi urwikekwe rwuzuye imitima y'Abayuda ntirwashoboraga gutuma bemera igihamya cyari cyatanze. Banze ibyo Kristo yababwiraga ndetse bakamukwena.⁶⁶²

Inzira Nziza ni Ugushikama ku Bitunganye. Akenshi, uko uzashaka kwigisha abantu ukuri, hazahaguruka umwuka wo kukurwanya. Ariko iyo ushatse guhangana n'abakurwanya ukoresheje gutanga ibisobanuro byumvikana ujya impaka, ntacyo ibyo bizamara uretse gutuma abakurwanya barushaho gukaza umurego. Ntukwiriye kugenza utyo rero, ahubwo shikama ku by'ukuri bitunganye. Abamarayika b'Imana baguhanze amaso, kandi basobanukiwe n'icyo bakora ku mitima y'abantu wanga guhangana na bo ukoresheje impaka. Ntugatinde ku ngingo mbi z'ibibazo bivuka, ahubwo injiza mu ntekerezo zawe ukuri kuzima, kandi ugushimangire muri zo binyuze mu kwiga cyane, gusenga ushyizeho umwete no kwitanga k'umutima. Nimuboneze amatabaza yanyu kandi ahore yaka, ndetse mureke imirasire irabagirana imurike bityo abantu nibabona imirimo yanyu myiza, bibatere guhimba So wo mu ijuru.

Iyo Kristo ataza gushikama mu by'ukuri bitunganye igihe yageragezwaga n'umwanzi mu butayu, aba yarahombye ibintu byose yashakaga kugeraho. Uburyo Kristo yakoresheje ni bwo buryo bwiza cyane bwakoreshwa mu guhangana n'abavuguruza ibyo tuvuga. Iyo dusubiyemo ibyo bavuga tuba duha imbaraga ibitekerezo batanga. Iteka jya ushikama ku by'ukuri bitunganye. Bishoboka ko umuntu ukurwanya yacyura amagambo wamubwiraga, maze ukuri gukomeye kwacengeye mu bwenge bwe kukaza kumuhindura.

Ibihe byinshi nabwiye bene Data nti: Ababarwanya bazagira amagambo y'ibinyoma bavuga ku murimo mukora. Ntimugasubire mu byo bavuga, ahubwo muzashikame ku gushimangira ukuri kuzima; kandi abamarayika b'Imana bazabacira icyanzu muzanyuramo. Dufite umurimo ukomeye tugomba gukomeza guteza imbere, bityo rero tugomba kuwukora mu buryo bwitondewe. Nimutyo twe gutwarwa n'amarangamutima cyangwa ngo twemerere umutima mubi kutuzamo. Kristo ntiyigeze akora muri bene ubwo buryo, kandi ni we cyitegerereze cyacu mu bintu byose. Kubera umurimo twahawe, dukeneye cyane ubwenge mvajuru, bwejeje kandi burangwa no kwiyoroshya. Ntidukeneye inarijye na gato. Dukeneye gushikama mu mbaraga mvajuru tutajegajega.⁶⁶³

Nibakurwanya, Jya Urinda Ururimi Rwawe: Niba umutima wawe udahora woroshwa kandi ngo utsindwe no guhanga Kristo amaso, ndetse ngo ube ufite umutima usenga ugira uti, "Mpa kugera ikirenge mu cyawe",

⁶⁶² Manuscript 104, 1898.

⁶⁶³ Testimonies, vol. 9, pp. 147, 148 (1909). [Ibihamya by'Iterero.]

igihe bazakurwanya, uzaba mu kaga ko gusubiza ukoresheje amagambo atyaye mu buryo bukurura impaka. Kubwo guhora uhanze amaso Yesu, ukakira umwuka we, uzashobora kubwiriza abantu ukuri nk'uko kuri muri Kristo. ...

Urukundo ni rwo rugomba kuba nyambere rukaganza mu murimo wacu. Igihe turiho twigisha ukuri abantu tudasangiye kwizera, umubwiriza wese akwiriye kwirinda kuvuga amagambo azagaragara ko akakaye kandi asa n'aciraho abantu iteka. Vuga ukuri, maze ureke ukuri na Mwuka Wera w'Imana abe ari bo bacyaha abantu, kandi bababere abacamanza. Ariko ntugatume amagambo yawe agira umutima ashengura cyangwa ngo awukomeretse.

Nimutyo he kugira ijamba na rimwe rikakaye kandi rirakaza uvuga. Reka amagambo yose atyaye kandi akakaye wajyaga kuvuga uyareke uyizigamire wowe ubwawe. Ba indahemuka ku ihame nk'icyuma, ugire ubwenge n'inzoka kandi ube nk'inuma utagira amahugu. Niba amagambo yawe atagomba kugira uwo akomeretsa, uzavuga gusa amagambo uzi neza ko adakakaye, kandi ngo atere abantu gukonja. . . . Mu bantu bose bari ku isi, abagorozi bakwiriye kuba abantu barusha abandi kutikanyiza, ubugwaneza n'ubwuzu, bakiga uburyo Kristo yakoresheje, amagambo ye n'ibikorwa bye.⁶⁶⁴

Umwuka wa Gashozantambara: Ntugakunde kurangwa n'umwuka wa gashozantambara cyangwa gukurura impaka. Imvugo zo gusesereza abandi zatanga umusaruro muke cyane. Uburyo bwiza kandi bwizewe bwo kurwanya inyigisho z'ibinyoma ni ukubwiriza abantu ukuri. Komeza uvuge amagambo atunganye. Reka ukuri kw'agaciro kenshi kuri mu butumwa bwiza abe ari ko kwica imbaraga z'ikibi. Garagariza abazimiye umwuka w'urukundo n'impuhwe. Iyegereze imitima y'abantu.⁶⁶⁵

Gusesereza Birakomeretsa Cyane: Igihe uriho ubwiriza, wamagana ibyo wifuza ko byacirwaho iteka ukoresheje amagambo akakaye yo gusesereza, rimwe na rimwe ibyo bikomeretsa abaguteze amatwi, bityo bigatuma abo ubwira biziba amatwi kugira ngo badakomeza kumva ibikurikiraho. Ukwiriye kwitonda maze ukirinda imvugo yose ikakaye ishobora gukoza isoni abantu wifuzaga gukiza bakava mu buyobe; kuko byazagukomerera kuba watsinda amarangamutima y'ubushyamirane bukurwe n'iyi mvugo. . .

Nuramuka uranduye urukungu mu magambo yawe, ubushobozi ufite buhindurira abantu ku cyiza buziyongera.⁶⁶⁶

Irinde Gusembura Akarengane: Nimutyo umuntu wese azirikane mu bwenge bwe ko tutagomba na rimwe kwihamagarira akarengane. Ntidukwiriye gukoresha amagambo akakaye kandi akomeretsa. Bene ayo

⁶⁶⁴ Letter 11, 1894.

⁶⁶⁵ Letter 190, 1902.

⁶⁶⁶ Letter 366, 1906.

magambo ntakarangwe mu nyandiko yose musohora no mu mbwirwaruhame zose mutanga. Nimureke Ijambo ry'Imana ribe ari ryo rikomeretsa kandi abe ari ryo ricyaha abantu. Nimureke abantu bapfa bihishe kandi bibere muri Yesu Kristo. Nimureke Umwuka wa Kristo ugaragare. Nimureke abantu bose birinde mu magambo bavuga, nibitaba bityo bazatuma abo tudasangiye kwizera babyuririraho bakaturwanya bikomeye cyane, kandi bihe Satani urwaho rwo gukoresha ayo magambo y'amatakaragasi kugira ngo azitire inzira twajyaga gucamo.

Twese dukeneye biruseho urukundo rwimbitse rwa Yesu mu bugingo bwacu, bityo ntidukeneye guhubuka biranga kamere. Turi mu kaga ko kuba twakwisibira amayira bitewe no gusembura umwuka wo kuturwanya mu bantu bafite ubutware, kandi ibyo bikaba byaba mbere y'uko abantu bamurikirwa rwose n'ubutumwa Imana yifuza ko dutanga. Ntabwo Imana ishimishwa no kubona imikorere yacu ubwacu ari yo idusibira amayira ku buryo bituma ubutumwa butagera ku bantu.⁶⁶⁷

Kurwanywa Gutuma Ukuri Kwamamara: Satani agera ku musaruro mu gikorwa cye cyo kuzana imitego ituma abantu bihunza ukuri. Ariko rero ndabararikira kwizera amagambo mbabwira uyu munsu. Ukuri mvajuru guhanganye n'inyigisho z'ibinyoma za Satani kandi uku kuri kuzatsinda . . . Kurwanywa gutuma ukuri kugaragara mu buryo bushya kandi bwihariye. Uko abantu barushaho kurwanya ukuri ni ko kuzarushaho kurabagirana. Uko ni ko iby'agaciro kenshi binogerezwa. Ijambo ryose risebya ukuri rivugwa no kugutesha agaciro kose kubaho bituma intekerezo z'abantu zikanguka, kandi bikaba uburyo butuma abantu barushaho gucukumbura cyane ngo basobanukirwe icyo ukuri gukiza ari cyo. Bityo rero, ukuri kurushaho guhabwa agaciro gahanitse. Ubwiza bushya n'agaciro gakomeye bigaragarira mu bitekerezo byose.⁶⁶⁸

Jya Wubaha Abakuvuguruza: Tugomba kwitega ko tuzahura n'abatizera n'abaturwanya. Iteka ryose ukuri kwagiye guhangana na bene ibyo bibazo. Ariko nubwo ukwiriye guhura no kurwanywa gukomeye cyane, ntukavuge nabi abo mutavuga rumwe. Bashobora gutekereza ko bari gukora umurimo w'Imana nk'uko Pawulo yakoraga [atarahinduka]; bityo rero bene abo tugomba kubagaragariza kwiyumanganya, kwiyoroshya no kwihangana. . .

Uwiteka ashaka ko abantu be bakurikiza ubundi buryo bw'imikorere butari ubwo guciraho iteka ikosa ryakozwe nubwo kubikora biba bikwiriye. Ashaka ko twakora ikintu kitari ugusukiranywa ibirego by'amakosa ku baturwanya bituma barushaho kujya kure y'ukuri gusa. Umurimo Kristo yaje gukora mu isi yacu ntiwari uwo kubaka insika zitandukanya abantu, no guhora atongera abantu ababwira ko ari abanyamakosa. Umuntu witeze kumurikirira abayobejwe agomba kubegera maze akabakorera mu rukundo. Akwiriye kuba ihururo ry'imbaraga yera ihindura.

667 Undated Manuscript 79.

668 Manuscript 8a, p. 1888.

Muri gahunda yo kuvuganira ukuri, abakurwanya bakomeye bakwiriye kubahwa kandi bagahabwa agaciro. Bamwe bashobora kutazita ku muhati dukoresha, ahubwo bagaha agaciro gake ubutumire bw'ubutumwa bwiza. Abandi na bo twibwiraga ko bamaze kuba ba ruharwa bakaba bari kure cyane y'imbabazi z'Imana, baziye gurira Kristo. Umurimo uheruka indi yose mu ntambara [hagati y'icyiza n'ikibi] ushobora kuba uwo kumurikira abantu batanze umucyo n'ibimenyetso byawo, nyamara bakaba baribereye mu mwijima w'icuraburindi, bakaba bararwanyije ukuri mu bujiji. Bityo rero, fata ko umuntu wese atigiza nkana mu byo akora. Ntukagire ijambo uvuga cyangwa ngo ugire icyo ukora cyatuma hagira uwinangirira mu kutizera.⁶⁶⁹

Fasha mu Gihe Cyose Byihutirwa: Buri mwigisha wese w'ukuri nyako na buri mukozi wese ukorana n'Imana azajya anyura mu bihe bikomeye kandi bimuruhije, igihe ukwizera kwe no kwihangana kwe bizageragezwa bikomeye. Mugomba gutegurwa n'ubuntu bwa Kristo kugira ngo mubashe kujya mbere, nubwo ibigaragara ko bidashoboka byabambira bikazitira inzira. Mufite umufasha uhoraho igihe cyose hari ibyihutirwa. Uwiteka yemera ko muhura n'inzitizi kugira ngo mumushake kuko ari we mbaraga zanyu kandi akaba ari nawe ubahagije. Musengane umwete cyane, musaba ubwenge buva ku Mana. Nimugendera imbere y'Imana mwicishije bugufi, izabacira inzira munyuramo, kandi ibahe intsinzi ihebuje.⁶⁷⁰

UMUBATIZO NO KUBARIRWA MU ITORERO

Umubatizo ni Ngombwa mu Guhinduka: Ukwihana, ukwizera n'umubatizo ni intambwe umuntu agomba gutera mu rugendo rwo guhinduka.⁶⁷¹

Gushimangira icyemezo cyo Kubatizwa: Abantu bamaze gutsindwa bakemera ukuri baba bakeneye gusurwa kandi bakitabwaho. Abanyabyaha bakeneye kugira umurimo wihariye bakorerwa kugira ngo bashobore guhinduka no kubatizwa.⁶⁷²

Ikimenyetso cyo Kwinjira mu Bwami bw'Imana: Kristo yashyizeho umubatizo ngo ube ikimenyetso cyo kwinjira mu bwami bwe bw'umwuka. Umubatizo yawugize icyangombwa gikwiriye abantu bose bifuza kwemerwa ko bari muni y'ubuyobozi bwa Data wa twese, n'Umwana n'Umwuka Wera bagomba kuzuza. Mbere y'uko umuntu aba umwizera w'itorero, mbere y'uko aca mu irembo ngo yinjire mu bwami bw'Imana bw'umwuka, agomba gushyirwaho ikimenyetso cy'izina ry'Imana kivuga ngo, "Uwiteka gukiranuka kwacu." Yeremiya 23.6.

Umubatizo ni igihamba gikomeye cyane cy'uko umuntu azinutswe isi. Abantu babatirijwe mu butatu bwa Data wa twese, Umwana, n'Umwuka

⁶⁶⁹ *Testimonies*, vol. 6, pp. 120-122. (1900)

⁶⁷⁰ *Special Testimonies*, Series A No 7, p. 18. 1874.

⁶⁷¹ *Letter* 174, 1909.

⁶⁷² *Manuscript* 17, 1908.

Wera mu itangira ry'ubuzima bwabo bwa Gikristo, bahamya ku mugaragaro ko baretse gukorera Satani, bakaba bahindutse abagize umuryango w'ibikomangoma, bakaba ari abana b'Umwami w'ijuru. Bumviye itegeko rivuga riti, "Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye na bo, ni ko Uwiteka avuga. Kandi ntimugakore ku kintu gihumanya, nanjye nzabakira. Kandi nzababera So, namwe muzambara abahungu n'abakobwa. Ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga." 2 Abak. 6.17,18.⁶⁷³

Indahiro y'Ubudahemuka y'Umukristo: Igihe abakristo bemeye guca mu muhango ukomeye wo kubatizwa, Imana yandika indahiro bakora ko biyemeje kuzayibera indahemuka. Babatizwa mu izina rya Data wa twese, iry'Umwana n'Umwuka Wera. Kubw'ibyo, baba bunze ubumwe n'imbaraga eshatu zikomeye zo mu ijuru. Barahirira kuzinukwa isi no gukurikiza amategeko y'ubwami bw'Imana. Guhera ubwo, baba bagomba kugendera mu buzima bushya. Baba baciye ukubiri n'imihango y'abantu. Baba baciye ukubiri n'imigirire y'uburiganya. Bagomba kubahiriza amategeko y'ubwami bwo mu ijuru. Baba bagomba guhirimbanira guhesha Imana icyubahiro. Iyo bakomeje indahiro yabo, bahabwa ubuntu n'imbaraga bibabashisha gusohozwa gukiranuka kose. "Icyakora abamweye bese bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana," (Yohana 1:12).⁶⁷⁴

Guhindukirira Ukuri mu Buryo Bwimbitse kandi Bwitondewe: Gutegurira umuntu kubatizwa ni ingingo isaba kwiganwa ubushishozi. Abantu bashya bahindukiriye ukuri bakwiriye kwigishwa neza ukuri kweruye kugira kuti: "Ni ko Uwiteka avuga." Bagomba gusomerwa Ijambo ry'Uwiteka kandi bakarisobanurirwa ingingo ku ingingo.

Mbere y'uko babatizwa, abantu bese binjiye mu buzima bushya bakwiriye gusobanukirwa ko Imana ibasaba kudakeza abami babiri Gushyira mu bikorwa ukuri bamenye ni ingenzi. Kwera imbuto ni byo bigaragaza imiterere y'igiti. Ntabwo igiti kiza gishobora kwera imbuto mbi. Umurongo utandukanya abakunda Imana kandi bakubahiriza amategeko yayo n'abatayikunda kandi ntibitondere amategeko yayo uzaba ugaragara neza. Hakeneye kubaho guhindukirira ukuri mu buryo bwimbitse kandi bunonosoye.⁶⁷⁵

Bemerwa iyo Bamaze Gusobanukirwa Neza: Ibibazo bihabwa abiteguye kubatizwa ntibicengera ngo bigaragaze ukuri nk'uko byagombye kugaragaza. . . . Iyo bamaze kugaragaza ko basobanukiwe neza n'uruhande bashaka guhereramo, baba bagomba kwemerwa.⁶⁷⁶

Kwitegura Umubatizo mu Buryo Bunoze: Ku ruhande rw'abitegura kubatizwa, hakeneye kubaho imyiteguro inoze y'umubatizo. Baba bakeneye guhabwa inyigisho zirushijeho kudakebakeba kurenza izo bari basanzwe bahabwa. Amahame yerekeye imibereho ya gikristo agomba gusobanurirwa

⁶⁷³ *Testimonies*, vol. 6, p. 91.

⁶⁷⁴ *Letter* 129, 1903.

⁶⁷⁵ *Manuscript* 56, 1900

⁶⁷⁶ *Testimonies to Ministers*, p. 128, (1897).

neza abantu bashya bemeye ukuri. Nta muntu n'umwe ushobora kwishingikiriza ku kwatura kwabo ko bizeye ngo afate ko icyo ari igihamya cyerekana ko bamaze komatana na Kristo. Ntabwo dukwiriye kuvuga gusa ngo, "ndizeye," ahubwo tugomba no gushyira mu bikorwa ukuri twamenye. Gukurikiza ubushake bw'Imana mu magambo tuvuga, mu myitwarire yacu no mu mico yacu ni byo bihamya ko twomatanye na yo. Igihe cyose umuntu yihannye icyaha ari cyo kwica amategeko y'Imana, imibereho ye izahuza n'ibyo amategeko asaba, abe yumvira mu buryo butunganye rwose. Uyu ni umurimo ukorwa n'Umwuka Wera. Umucyo uva mu Ijambo ry'Imana ryizwe neza, ijwi ry'umutimanama, n'umurimo ukomeye w'Umwuka Wera bibyarira mu mutima w'umuntu urukundo nyakuri akunda Kristo, we witanze akaba igitambo gushyitse cyo gucungura umuntu wese uko yakabaye, umubiri, ubugingo, n'umwuka. Kandi urukundo rugaragarira mu kumvira Imana.⁶⁷⁷

Kubatiza Abana: Ababyeyi bafite abana bifuza kubatizwa bafite umurimo ukomeye bagomba gukora, haba mu kwisuzuma ubwabo no guha abana babo inyigisho nzima zitunganye. Umubatizo ni umuhango wera kandi w'ingenzi ni cyo gituma hakwiriye kubaho kuwusobanukirwa bihangije. Umubatizo usobanuye kwihana icyaha, no kwinjira mu bugingo bushya muri Kristo Yesu. Ntihakwiriye kubaho gukorerwa uwo muhango mu buryo bwa huti huti. Ababyeyi n'abana baba bakwiriye kubanza bakareba icyo bisaba. Iyo ababyeyi bemeye ko abana babo babatizwa, baba basezeranye ko bazabera abo bana ibisonga bikiranuka, bakabayobora neza mu rugendo rwabo rwo kubaka imico. Baba basezeranye kuzarinda mu buryo bwihariye izo ntama zo mu mukumbi, kugira ngo badatesha agaciro ukwizera bavugaga ko bemeye.

Inyigisho z'iby'iyobokamana zikwiriye guhabwa abana kuva bakiri bato. Ntabwo zikwiriye gutangwa mu mwuka wo kubaciraho iteka, ahubwo bikwiriye gukorwa mu mwuka mwiza w'urukundo n'umunezero. Ababyeyi b'abagore bakwiriye guhora bari maso, nibitaba bityo ibishuko byagwa gitumo abo bana batarabisobanukirwa. Ababyeyi bagomba kurinda abana babo babaha amabwiriza atanganywe ubwenge kandi banezerewe. Kubera ko ari bo ncuti magara z'abo bana baba badafite uburambe, bakwiriye kubafasha mu rugamba rwo kunesha kuko kuri bo kuba abana babo baba abaneshi bisobanuye ibintu byose. Bakwiriye kuzirikana ko abana bibyariye bari guharanira gukora ibitunganye ari bamwe mu bagize umuryango w'Uwiteka nubwo bakiri bato. Bakwiriye rero kumva bashishikariye kubafasha gukomeza kuromboreza mu tuyira tugororotse two mu nzira nini yo kumvira. Kubwo kubitaho mu rukundo, buri munsu bakwiriye kubigisha icyo kuba ari abana b'Imana bisobanuye ndetse n'icyo kwegurira ubushake bwabo kuyumvira bivuze. Mubigishe ko kumvira Imana bikubiyemo kubaha ababyeyi babo. Iki gikorwa gikwiriye kuba icya buri munsu na buri saha. Babyeyi, mube maso, mube maso, kandi musenge, ndetse abana banyu mubahindure incuti zanyu.

⁶⁷⁷ *Testimonies for the Church*, vol. 6, pp. 91,92. (1900)

Igihe bazaba bageze mu kigero cyo kwishimira ubuto bwabo, kandi mu mitima yabo bakaba bakunda Yesu, ndetse bakifuza kubatizwa, muzabagenzereze uko bikwiriye. Mbere y'uko binjira muri uwo muhango wo kubatizwa, muzajye mubabaza niba umugambi bashyize imbere mu buzima bwabo ari uwo gukorera Imana. Noneho mubabwire uko batangira. Amasomo bigishwa mbere ni yo agira agaciro gakomeye. Mu mvugo yoroheje, bigishe uko bakora umurimo wabo wa mbere bakorera Imana. Korakuburyo uwo murimo uba woroheje cyane ku buryo bawusobanukirwa neza. Basobanurire icyo kwiye gurira Imana bisobanuye, icyo gukora nk'uko Ijambo ryayo ritegeka bisobanuye kandi babigirwemo inama n'ababyeyi b'abakristo.

Nyuma yo kubakorera umurimo utunganye, niba munyuzwe n'uko abana banyu basobanukiwe neza n'icyo guhinduka n'umubatizo bivuze, kandi bakaba bahindutse by'ukuri, mubareke babatizwe. Ariko, reka nongere mbisubiremo, babyeyi, mwe ubwanyu nimubanze kwitegura gukora nk'ibisonga bikiranuka mu kuyobora intambwe zabo zihuzagurika mu nzira ifunganye yo kumvira. Imana ikwiriye gukorera mu mitima y'ababyeyi kugira ngo bashobore guha abana babo urugero rwiza mu kurangwa n'urukundo, urugwiro, kwicisha bugufi kwa gikristo no mu kwiye gurira Kristo rwose. Niba mwemera ko abana banyu babatizwa hanyuma mukabareka bakajya bakora uko bishakiye, mukumva nta nshingano y'umwihariko mufite yo kubafasha ngo bagume mu nzira itunganye; nibaramuka baretse kwizera n'ubutwari kandi ntibabe bacyitaye ku kuri, ibyo ni mwe bizabazwa.⁶⁷⁸

Gutegurira Urubyiruko Kubatizwa: Abitegura kubatizwa bamaze gukura kandi baciye akenge bakwiriye gusobanukirwa neza inshingano yabo kurenza uko abakiri bato bayisobanukiwe. Ariko pasitoro w'itorero afite icyo agomba gukorera bene abo bantu. Mbese baba bafite ingeso mbi n'imigirire igayitse? Ni inshingano ya pasitoro kugirana na bo amateraniro yihariye. Nk'umupasitoro, usabwe kubamenyereza gusoma Bibiliya, ganira na bo kandi mufatanye gusenga, kandi ubasobanurire weruye icyo Imana ibashakaho. Basomere ibyo Bibiliya yigisha ku byerekeye guhinduka. Bereke imbuto zo guhinduka izo ari zo, ari zo gihanywa kigaragaza ko bakunda Imana. Bereke ko guhinduka nyakuri ari uguhinduka k'umutima, ukw'intekerezo n'imigambi. Ingeso mbi zigomba kuzibukirwa. Ibyaha byo kunegurana, iby'ishyari, agasuzuguro no kutumvira bigomba kurekwa. Hakwiriye kubaho urugamba rwo kurwanya ingeso mbi zo mu mico. Nibimera bityo, nibwo umwizera kwiye rekezaho mu buryo bwumvikana iri sezerano rigira riti, "Musabe, muzahabwa, mushake muzabona." Matayo 7:7.⁶⁷⁹

Gusuzuma Abiteguye Kubatizwa: Ibibazo bihabwa abiteguye kubatizwa ntibicengera ngo bigaragaze ukuri nk'uko byagombye kugaragaza. Bikwiriye

⁶⁷⁸ *Testimonies for the Church*, vol. 6, pp. 93-95. (1900)

⁶⁷⁹ *Testimonies for the Church*, vol. 6, p. 95. (1900)

kumvikana neza niba abantu baba bishakira gusa kwitwa izina Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, cyangwa niba biyemeje guhagarara mu ruhande rw'Uwiteka, bakiyemeza kuva mu by'isi, bakitandukanya nabyo kandi bakirinda gukora ku kintu cyose gihumanya. Mbere y'umubatizo haba hakwiriye gukorwa igenzura ryimbitse ku myitwarire y'abiteguye kubatizwa. Nimutyo iryo genzura rye gukorwa mu buryo bukonje kandi bisa n'aho ubitaruye, ahubwo nirikoranwe umutima mwiza utuje, n'ubugwanzeza, mwereke abihannye bashya Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Abitegura kubatizwa kandi nimubabwire ibyo ubutumwa bwiza buzasaba gukurikiza.

Imwe mu ngingo abayobotse ukwizera [kuzima] bashya bazakenera kwigishwa ni irebana n'imyambarire. Nimutyo uko mufata abihannye bashya bikoranwe umwuka wo gukiranuka. Mbese baba bambara mu buryo budahesheje agaciro? Mbese baba baha intebe ubwibone bwo mu mutima? Gusenga ibigirwamana kuri mu myambarire kwabaye indwara yoretse imico mbonera. Iyo ndwara ntigomba kwinjirana mu bugingo bushya. Akenshi, kumvira ibyo ubutumwa bwiza busaba bizasaba impinduka zidakebakeba mu myambarire.

Ibyerekeye imyambarire ntibikwiriye kwirengagizwa. Kubwa Kristo tubereye abahamya, dukwiriye gukora ibishoboka byose tugahirimbana kwambara mu buryo bugaragara neza. Mu mirimo yakorerwaga mu buturo bwera, Imana yari yarasobanuye mu ngingo zirambuye ibyerekeye imyambaro y'abagombaga gukorera imbere yayo. Bityo rero, natwe twigishwa ko Imana ifite ibyo yemera byerekeye imyambarire y'abayikorera. Ku byerekeye imyambaro ya Aroni, Imana yari yatanze amabwiriza asobanutse neza, kubera ko imyambaro ye yari ifite icyo ishushanya. Bityo rero, n'imyambaro y'abayoboze ba Kristo igomba kuba ifite icyo ishushanya. Tugomba kuba abantu bamuhagarariye kandi bamugaragaza mu bintu byose. Uko tugaragara muri byose gukwiriye kurangwa n'ubwiza, imyambaro idahenze, idasebeje, kandi ikwije, ndetse tukarangwa n'ubutungane. Ariko rero Ijambo ry'Imana ntiryemera guhindura imyenda bitewe no gutwarwa n'imideli gusa- ari ukugira ngo tubashe kugaragara nk'ab'isi. Abakristo ntibakwiriye kurimbisha no gutaka umuntu bakoresheje imyambaro n'imitako bihenze cyane.

Amagambo yo mu Byanditswe Byera yerekeye imyambarire akwiriye kwitonderwa. Dukeneye gusobanukirwa n'ibyo Imana yo mu ijuru yishimira haba no mu buryo twambika imibiri yacu. Abantu bagira umwete wo gushaka ubuntu bwa Kristo bazumvira amagambo y'agaciro kenshi ari mu mabwirizwa yatanze n'Imana. N'uburyo umwambaro udozwemo na byo bizavugaga ukuri k'ubutumwa bwiza.

Abantu biga imibereho ya Kristo kandi bagashyira mu bikorwa inyigisho ze, bazahinduka nka we. Impinduka bazateza mu bantu zizaba nk'izo yateje. Bazagaragara imico itunganye. Uko bagendana ubwitonzi mu nzira yo kumvira, bagakora ibyo Imana ishaka, bagaragaza imbaraga ihindura ituma

habaho gutera imbere k'umurimo w'Imana, n'ubutungane bw'umurimo wayo. Isi igomba kubona kuri abo bantu baba bahindutse rwose igihamya cy'imbaraga y'ukuri yeza imico y'umuntu.

Iyo kumenya Imana na Yesu Kristo bigaragarijwe mu mico, guhabwa agaciro gasumba ibindi bintu byose byubahwa mu isi no mu ijuru. Ni bwo burere bw'ikirenga, Ni rwo rufunguzo rufungura amarembo y'umurwa wo mu ijuru. Ni umugambi w'Imana ko abambara Kristo mu buryo bw'umubatizo bamenya ibi. Kandi nanone, abagaragu b'Imana bafite inshingano yo kwereka abo bantu bahindutse vuba amahirwe ajyana n'umuhamagaro wabo ukomeye muri Yesu Kristo.⁶⁸⁰

Muzabamenyera ku Mbuto z'Imibereho Yabo: Hari ikintu kimwe tudafitiye uburenganzira bwo gukora: ni ugucira urubanza umutima w'undi muntu cyangwa kujora impamvu ze bwite. Ariko niba umuntu aje ashaka kuba umwizera w'itorero, dukwiriye kugenzura imbuto z'imibereho ye, noneho ibyerekeye impamvu zihishwe muri we zimuteye kuza tukabimurekera ubwe. Ariko rero hakwiriye gukoreshwa ubushishozi bukomeye mu byo kwakira abizera mu itorero; kuko Satani afite ibikoresho by'uburyo bwinshi anyuramo agambiriye kugwiza mu itorero umubare w'abitwa bene Data b'ibinyoma, abo ashobora gukorera akagera ku ntego ye yo kugwabiza umurimo w'Imana.⁶⁸¹

Uko Umubatizo Ukorwa: Igihe bishobotse cyose, umubatizo ukwiriye kubera mu kiyaga gifite amazi meza cyangwa mu mugezi utemba. Kandi uwo muhango ugomba guhabwa agaciro kose no kubahwa biwukwiriye. Iteka abamarayika b'Imana baba baje gukurikirana uwo muhango.

Umuntu uyoboye umuhango wo kubatiza akwiriye guhirimbana gutuma uba umwanya w'icyubahiro kandi wera ku bantu bawukurikirana. Umuhango wose w'itorero ukwiriye gukorwa utyo ku buryo uzahura abawukurikiye. Nta kintu na kimwe gikwiriye gukorwa nk'ibisanzwe cyangwa nk'icy'agaciro gake, cyangwa ngo gishyirwe ku rwego rw'ibintu bisanzwe. Amatorero yacu akwiriye kwigishwa kugira ngo aje yubaha cyane uwo muhango wera w'Imana. Igihe abagabura baba bayoboye gahunda zijyanye no kuramya Imana, baba bamenyereza cyangwa bigisha abantu. Ibikorwa bito byigisha, bitoza kandi biha umurongo ubugingo bw'umuntu bimutegurira kuzabaho iteka ryose ni ibikorwa by'ingirakamaro cyane mu kuzahura itorero no kuryeza.

Buri torero rigomba kugira amakanzu y'umubatizo. Ntabwo ibi bikwiriye gufatwa nko gupfusha ubusa amikoro. Ni kimwe mu bintu bisabwa mu rwego rwo kumvira iri tegeko ngo, "Ariko byose bikorwe neza uko bikwiriye, no muri gahunda." 1Abak. 14:40.

Ntabwo ari byiza ko amatorero yajya atiririkanya amakanzu, kuko akenshi iyo amakanzu akenewe ataboneka bitewe n'uko hari bamwe batira

680 *Testimonies for the Church*, vol. 6, pp. 96, 97. (1900).

681 *Review and Herald*, Jan. 10, 1893.

ariko bakirengagiza gutirura. Buri torero rikwiriye kwigurira bene aya makanzu yaryo bwite. Itorero rigomba gukusanya amikoro yo kugura aya makanzu. Iyo itorero ryose ryishyize hamwe muri uwo mugambi, ntabwo bizaribera umutwaro uremereye.

Amakanzu akwiriye kuba akozwe mu mwenda ukomeye, ufite ibara ryenda kwirabura ku buryo amazi atashobora kuryangiza, kandi akwiriye kuba asa n'aremereye ahagana hasi. Agomba kuba ari meza, adozwe neza kandi barayadoze bakurikije umuderi mwiza wemeranyijweho. Nta bintu by'imitako cyangwa se incunda bigomba gushyirwaho. Abitegura kubatizwa nibamenya ubusobanuro bw'uwo muhango, ntabwo bazifuza kwishyiraho imitako ubwabo. Nyamara kandi, ntagomba kuba ari amakanzu ashaje cyangwa yatabutse cyangwa se afite ubusembwa runaka kuko ibyo ari igicumuro ku Imana. Ikintu cyose gifitanye isano n'uyu muhango wera kigomba kugaragara ko cyateguwe neza uko bishoboka kose.⁶⁸²

Gahunda y'Umubatizo Iteye Ubwuzu: Amavuna yakorewe muri Oakland yatanze umusaruro maze abantu benshi bakira agakiza. Hari ku wa mbere w'Isabato mu gitondo, ku itariki ya 16 Ukuboza. Nagiye kureba umubatizo ahitwa Piedmont Baths. Abantu bagera kuri mirongo itatu na babiri bahambanywe n'Umwami wabo mu mubatizo maze bazukira kugendera mu bugingo bushya. Byari ibirori abamarayika b'Imana bizihizanyije ibyishimo. ... Iyo gahunda yose yari iteye ubwuzu. Nta rujijo rwari ruyirimo, kandi banyuzagamo bakaririmba igice cy'indirimo zo guhimbaza Imana.⁶⁸³

Umubatizo Wihutirwa: Hari bikwiriye kuzakorwa kugira ngo hubahirizwe ubusabe bw'umuntu ugeze mu zabukuru ushaka kubatizwa. Tuvuge ko adafite intege zamugeza aho abandi bagiye kubatirizwa, kandi inzira yonyine agomba gukorerwa uwo muhango, ni ugufata umuvure munini wiyuhagirirwamo, bakawuzuza amazi maze akajyamo, bakamubatiza.⁶⁸⁴

Imbaraga Ikomeza y'Imana: Iyo umuntu wizeye amaze gukorerwa umuhango wo kubatizwa, agomba guhora azirikana ko yiyeguriye Imana, yiyeguriye Kristo ndetse n'Umwuka Wera. ...

Abantu bose biga ibyerekeye imibereho ya Kristo kandi bagashyira mu bikorwa inyigisho ze, amaherezo bazahinduka nka Kristo. Imbaraga ibakomokaho ihindura abandi izaba nk'iyeye. Bazarangwa n'imico mbonera itunganye. Bashikamye mu kwizera, kandi ntibazatsindwa n'umwanzi binyuze mu bwirasi cyangwa ubwibone. Bahirimbanira kunyura mu nzira yoroheje yo kumvira no gukora ibyo Imana ishaka. Imico yabo iturukamo imbaraga ihindura abandi ituma habaho iterambere ry'umurimo w'Imana no kwera kwawo. ...

682 Testimonies for the Church, vol. 6, pp. 97,98. (1900)

683 Manuscript 105, 1906.

684 Letter 126, 1901.

Abo bantu bahindutse rwose isi ibabonamo igihamya cy'imbaraga y'ukuri yeza ikorera mu mico y'umuntu. Kristo akorera muri bo maze akamenyesha ab'isi imico ye n'ubushake bwe. Mu mibereho y'abana b'Imana ni ho hagaragarira imigisha yo gukorera Imana, kandi umuvumo na wo ukaboneka mu bantu badakurikiza amategeko yayo. Umurongo utandukanya ayo matsinda yombi uragaragara rwose. Abantu bose bumvira amategeko y'Imana barindwa n'imbaraga y'ubushobozi bwayo bwinshi igihe bari hagati mu mbaraga zihumanya z'abica amategeko y'Imana. Uhereye ku muntu wo ku rwego rwo hasi cyane ukageza kuwo ku rwego rwo hejuru cyane mu nshingano, baba barinzwe n'imbaraga y'Imana kubwo kwizera guheshwa n'agakiza.⁶⁸⁵

Yiyeguriye Imana: Nuko rero, umwizera agomba kuzirikana mu mutima we ko yiyeguriye Imana, akiyegurira Kristo n'Umwuka Wera. Ibintu byose byo mu isi agomba kubishyira ku mwanya wa kabiri bikaza bikurikira iyi sano nshya aba yinjiyemo. [Imana ni yo agira nyambere]. Aba yarahamirije ku mugaragaro ko mu mibereho ye atazongera kurangwa n'ubwibone no gushayisha. Ntabwo yongera kugira imibereho irangwa n'uburangare cyangwa kutagira icyo yitaho. Aba yagiranye isezerano n'Imana. Aba yarapfuye ku by'isi. Aba agomba kubaho ku bw'Umwami, akamukoreshereza ubushobozi bwose yahawe, ntazigere yibagirwa ko afite ikimenyetso cy'Imana, ko ari umugaragu mu bwami bwa Kristo, kandi akaba ari n'umwe mu basangiye kamere n'Imana. Aba agomba kwiye gurira Imana wese uko yakabaye ndetse n'ibyo afite byose, agakoresha impano zose yahawe kugira ngo izina ry'Imana rihabwe ikuzo.

Inshingano zumvikanyweho mu masezerano y'umwuka umuntu agira mu mubatizo ni magirirane. Igihe abantu basohozu uruhare rwabo bumvira n'umutima wabo wose, baba bafite uruhare rw'ibyo bagomba gukora "kugira ngo abo mu isi yose bamenye ko muri Isirayeli harimo Imana." (1 Samweli 17:46). Kuba warabatiye mu izina rya Data wa twese n'iry'Umwana n'Umwuka Wera, ni ubwishingizi bukomeye bw'uko nusaba ubufasha bwabo, uzafashwa mu bikugwa gitunguro byose. Uwiteka azumva kandi asubize amasengesho y'abayoboke be bamaramaje bikorera umutwaro Kristo abaha kandi bakigira kwiyoroshya kwe no kwicisha bugufi kwe mu ishuri rye.⁶⁸⁶

Inshingano y'Itorero ku bantu Bahindutse Vuba: Abakristo b'abagabo n'abagore bakiranuka bakwiriye kugira umwete mwinshi bagafasha abantu bahindutse vuba kugira ngo bamenye neza ibyerekeye gukiranuka muri Kristo Yesu. Niba harimo abantu bemereye icyifuzo cyo gushayisha akaba ari cyo kiba nyambere mu buzima bwabo, abizera bakiranuka bakwiriye kwita kuri abo bantu nk'abazababazwa. Ntibagombwa kwirengagiza amabwiriza atunganye, yuje kwiyoroshya n'urukundo kandi y'ingenzi

⁶⁸⁵ Manuscript 56, 1900.

⁶⁸⁶ Testimonies for the Church, Vol. 6, pp. 98, 99 (1900).

cyane kuri abo bahindutse vuba kugira ngo badakorerwa umurimo w'igice. Imibereho banyuzwamo bwa mbere ikwiriye kuba itunganye rwose.

Satani ntashaka ko hagira umuntu n'umwe ubona ko kwiye gurira Imana burundu ari ngombwa. Iyo umuntu atabashije kwiye gurira bene ubu buryo, ntabwo azinukwa icyaha; usanga ipfa n'irari bya kamere bihirimbana gutegeka; ibigeragezo n'ibishuko bijijisha umutimanama kugira ngo guhinduka nyakuri kwe kubaho. Iyaba abantu bose bari basobanukiye n'intambara umuntu wese agomba kurwana n'ingabo za Satani zisheze zishaka kumugusha mu mutego, kumwoshya no kumushuka, habaho gukorana umwete n'umurava mu kwita ku bakiri bato mu kwizera.

Iyo abo bakiri bato mu kwizera batereranywe, akenshi buhura n'ibigeragezo, kandi ntibashobora gutandukanya ikibi n'ikigeragezo. Nimutyo bumve ko bafite amahirwe yo kugira abo bagisha inama. Bakwiriye gushaka kwitegereza abantu bashobora kubafasha. Kubwo kwifatanya n'abantu bakunda Imana kandi bakayubaha, bazabasha guhabwa imbaraga.

Ikiganiro tugirana n'abo bahindutse vuba kigomba kuba cyubaka mu by'umwuka kandi kikabakomeza. Uwiteka abona urugamba abantu b'abanyanteye nke, kandi bagishidikanya bahanganye narwo, bityo azafasha abamutabaza bose. Imbere yabo bazabona ijuru ribakingukiye, maze babone n'abamarayika b'Imana bamanukira ku rwego rurabagirana umucyo, bongera kuruzamukiraho ari na rwo rwego nabo bagerageza kurira.⁶⁸⁷

Abizera b'itorero: Hagati ya Kristo n'itorero rye hariho isano ya bugufi kandi yera. Kristo ni umukwe naho itorero ni umugenzi. Kristo ni we mutwe naho itorero rikaba umubiri. Ubwo rero kugirana umubano na Kristo bisaba no kugirana umubano n'itorero rye.⁶⁸⁸

Satani Arwanya Ubumwe mu Itorero: Satani yateguye umugambi wizwe neza wo gukora uko ashoboye kose akayobya abiyita Abakristo bagacisha ukubiri na gahunda y'ijuru. Kubw'ibyo rero, ashuka n'abiyita ubwoko bw'Imana, akabatera kwizera ko gahunda no kwitwararika bibangamira iby'umwuka; bakizera ko umutekano wabo uri mu kureka umuntu wese akikurikirira iye nzira, no gukomeza kubaho mu buryo bwihariye witandukanyije n'amatsinda y'Abakristo bunze ubumwe kandi baharanira gushyiraho umurongo ngenderwaho no kutabusanya mu mikorere. Imbaraga zose zikoreshwa ngo habeho umurongo ngenderwaho no kutabusanya mu mikorere zifatwa ko ziteje akaga, ko ari ukubuza abantu umudendezo bafiteye uburenganzira, bityo ibyo bikaba bikwiriye gutinywa nk'uko ubupapa bukwiriye gutinywa. Aba bantu bayobejwe bafata ibintu batya babona ko kwirata umudendezo bafite wo gutekereza no gukora ibyo bishakiye ari ubupfura kuri bo. Ntibazigera bita ku cyo umuntu runaka avuze. Nta muntu n'umwe bubaha. Kuva kera ndetse n'ubu, umurimo

⁶⁸⁷ *Testimonies for the Church*, vol. 6, pp. 92, 93. (1900).

⁶⁸⁸ *Uburezi*, p. 281.

udasanzwe Satani akora ni uwo gutera abantu kumva ko gahunda y'Imana kuri bo ari uko bakora ibyo bitekerereje gusa no kwihitiramo gahunda yabo bakurikiza birengagije bagenzi babo mu kwizera.⁶⁸⁹

Umuhango w'Imburamumaro nta Kristo: Ubuntu bwa Kristo ni bwo buha umuntu ubugingo. Ukuyeho Kristo, umubatizo kimwe n'indi mihango, ntacyo bimaze. "Utizera uwo Mwana nta bugingo afite."⁶⁹⁰

Guhinduka si Umubatizo: Agakiza si ukubatizwa, ntabwo kandi ari uko amazina yacu yandikwa mu bitabo by'itorero, nta n'ubwo ari ukubwiriza ukuri. Ahubwo uguhinduka ni ubumwe buzima umuntu agirana na Kristo, maze agahindurwa mushya mu mutima, agakorera imirimo ya Kristo mu kwizera no mu rukundo, afite kwihangana, kwiyoroshya n'ibyiringiro. Umuntu wese wunze ubumwe na Kristo azahinduka umubwirizabutumwa muzima ku bamuzengurutse bose.⁶⁹¹

Inama ku Babwirizabutumwa n'Abapasitoro: Bene Data b'abagabura baratsindwa cyane kuko badakora umurimo w'Imana mu buryo bwashyizweho n'Umwami wacu. Ntibashobora kumurikira Imana umuntu wese, amaze gutunganirizwa rwose muri Kristo Yesu. (Abakolosayi 1:28). Ntacyo bigeze bigira mu mushyikirano wihariye buri wese muri bo agirana n'Imana, cyangwa ngo babe bafite ubumenyi nyakuri ku bigize imico ya gikristo. Bityo rero, hari abantu benshi babatizwa ariko mu by'ukuri batujuje ibikwiriye gutuma bakorerwa uyu muhango wera, ahubwo bakaba bacyomatanye n'inariye n'iby'isi. Ntibigize babona Kristo cyangwa ngo bamwakire kubwo kwizera.⁶⁹²

Intege Nke mu Murimo wacu w'Ibwirizabutumwa: Kwakira mu itorero abantu batigeze bagirwa bashya mu mitima kandi ngo bavugururwe mu mibereho yabo ni yo ntandaro y'intege nke ku itorero. Akenshi iki kibazo ntacyitabwaho. Abagabura bamwe ndetse n'amatorero amwe baba bafite ishyamba ryinshi ryo kugwiza umubare w'abizera ku buryo batigera batanga ubuhamya burangwa no gukiranuka burwanya ingezo n'imigirire bitari ibya Gikristo. Abantu bemeye ukuri ntibigishwa ko badashobora kwitwara nk'ab'isi kandi ngo banitwe Abakristo. Mbere y'uko bemera ukuri bari abagaragu ba Satani, ariko nyuma yo kubatizwa bagomba kuba abagaragu ba Kristo. Imibereho yabo igomba kugaragaza ko bahinduye umuyobozi wabatwaraga.

Mu mwumvire y'abantu muri rusange bashimishwa ko kubona abiyita Abakristo. Kwiyanga no kwitanga guke ni byo bisabwa kugira ngo yambare ishusho yo kubaha Imana kandi n'izina rye ryandikwe mu gitabo cy'itorero. Kubw'ibyo, abantu benshi binjira mu itorero batarabanza komatana na Kristo. Muri iyi migenzereze Satani agera ku ntsinzi. Abantu bahindutse muri ubwo buryo, ni bo baba abakozi be batanga umusaruro. Baba abantu

689 Letter 32, 1892.

690 Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 112.

691 Letter 55, 1886.

692 Review and Herald, Feb. 4, 1890. [Urwibutso n'Integuza]

babereyeho kugusha abandi mu mutego. Baba imicyo y'ibinyoma, ishukashuka abandi batari maso ikabaganisha mu irimbukiro. Abantu baba baruhira ubusa iyo bashaka gutuma inzira ya Gikristo iba ngari kandi ishimishije ku bisi. Ntabwo Imana yigeze ishaka koroshya cyangwa kwagura inzira y'uruharabuye kandi ifunganye. Niba dushaka kwinjira mu bugingo, tugomba kunyura mu nzira Yesu n'abigishwa be banyuzemo, -ari yo nzira yo kwicisha bugufi, kwiyinga no kwitanga.⁶⁹³

Intego yacu - Abizera Bahindutse by'Ukuri: Abagabura b'Ijambo ry'Imana bakorera mu mijyi no mu midugudu, bigisha abantu ukuri ntibakwiriye kumva banezerewe, cyangwa ngo bumve ko umurimo wabo urangiye batarabona ko abemeye ukuri basobanukirwa rwose n'imbaraga yako yeza, ndetse bakaba biyeguriye Imana by'ukuri. Imana yashimishwa no kubona abantu batandatu bahindukiriye ukuri by'ukuri ari umusaruro uvuye ku mihati yabo, kuruta uko haboneka abantu mirongo itandatu bavuga ko bemeye ukuri ku izina gusa nyamara batarahinduka rwose. Abo bagabura bakwiriye kugabanya igihe bakoresha babwiriza, maze bakazigama umugabane umwe w'imbaraga zabo bakawukoresha mu gusura no gusengera hamwe n'abantu bashaka gukurikira ukuri, bakabaha inyigisho zerekeye kubaha Imana bagamiye kumurikira Imana umuntu wese, amaze gutunganirizwa rwose muri Kristo Yesu."

Urukundo rw'Imana rukwiriye kuba mu mutima w'umuntu wigisha ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Umutima we bwite ukwiriye kuzuramo rwa rukundo rwimbitse kandi rumaramaje nk'urwo Kristo yari afite. Ubwo ni bwo ruzasendera rugasesekara ku bandi. Abagabura b'Ijambo ry'Imana bakwiriye kwigisha ko abantu bose bemera ukuri bagombye kwera imbuto zihesha Imana ikuzo. Bakwiriye kwigisha ko kwitanga bigomba kubaho buri muni; kandi ko ibintu byinshi byagiye bigirwa nyambere bikwiriye kurekwa. Bakwiriye kubigisha kandi ko hari inshingano nyinshi bagomba gukora nubwo zaba zigaragara ko zidashimishije. Inyungu zo mu kazi, urukundo bakundana n'abandi muri rusange, kudamarara, icyubahiro, kwamamara, muri make, ibintu byose bikwiye gucishwa bugufi y'ibyo Kristo asaba kuko birusha ibindi byose agaciro.⁶⁹⁴

GUSOZA UMURIMO NEZA

Umubwirizabutumwa Akwiriye Kurangiza Inshingano Ze: Umukozi w'Imana ntakwiriye na rimwe gusiga umugabane umwe w'umurimo we yirengagije gukora abitewe n'uko kuwukora bidashimishije, ngo atekereze ko umugabura uzaza hanyuma ye ari we uzawumukorera. Iyo bigenze bityo, iyo umugabura wa kabiri akurikiye uwa mbere maze akigisha abantu ibyo Imana isaba ubwoko bwayo, abantu bamwe bakuramo akabo karengere bavuga bati: "Umupasitoro watugejejeho ukuri ntiyigeze avuga ibi bintu." Bamwe bumva bakomerekejwe n'Ijambo ry'Imana. Abandi nabo banga kwemera gahunda y'icyacumi. Basubira inyuma bakigendera, ntibongere

⁶⁹³ *Testimonies for the Church*, vol. 5, p. 172. (1882).

⁶⁹⁴ *Testimonies for the Church*, vol. 4, p. 317. (1879).

kugendana n'abizera kandi ukuri kandi bakaguhunga. Iyo hagize indi mirongo yo muri Bibiliya yigishwa, barasubiza bati, "Uko si ko twabyigishijwe," bigatuma bajijinganya ntibakomeze urugendo bajya mbere. Mbega ukuntu byari kurushaho kuba byiza iyo intumwa y'ukuri ya mbere iza kuba yarigishje abo bantu bahindutse ikiranutse kandi ikuye ruhande, ikabigisha insanganyamatsiko zose z'ingenzi nubwo byajyaga gutuma abantu bake cyane ari bo biyongera ku bagize itorero mu gihe cy'umurimo we!⁶⁹⁵

Umurimo Utazasenyuka: Abagabura ntibakwiriye kumva ko umurimo wabo warangiye keretse bamaze kubona ko abantu bakiriye ukuri mu magambo bateye indi ntambwe yo gusobanukirwa rwose impinduka iva ku mbaraga yako yeza, kandi bakaba bahindutse by'ukuri. Igihe Ijambo ry'Imana, rimeze nk'inkota ityaye amugi yombi ryahuranyije rikagera ku mutima maze rigakangura umutimanama, abantu benshi bibwira ko ibyo bihagije. Nyamara ubwo ni bwo umurimo uba utangiye. Haba hari ibyiza byakoze abantu ku mitima, ariko uko gukorwa ku mutima nikudashimangirwa n'umuhati witondewe urimo gusenga, Satani azakurwanya. Reka rero he kugira abakorera Imana baruhuka bashimishijwe n'ibyamaze gukorwa ngo barekere aho. Ubugi bw'ukuri bugomba gucengera bukimbika, kandi byanze bikunze ni ko bizagenda nihakoreshwa umwete witondewe mu kuyobora intekerezo z'abantu no gushimangira ibyo abari kwiga ukuri bamaze kwemera.

Akenshi abantu basiga umurimo batawurangije, kandi iyo bigenze bityo akenshi uwo umurimo nta musaruro utanga. Rimwe na rimwe iyo itsinda ry'abantu rimaze kwakira ukuri, umugabura atekereza ko agomba kujya gutangira umurimo ahanu hashya; kandi rimwe na rimwe ahabwa uburenganzira bwo kugenda hatabanje kubaho kubisesengura uko bikwiriye. Iri ni ikosa; yagombye kubanza kurangiza umurimo yatangiye; kuko iyo awucikije utarangiye, ibibi bikurikiraho biruta ibyiza byakozwe. Nta murima wagaragara ko utazatanga umusaruro waruta uwahinzwe maze intabire ikarekwa bityo ibyatsi bisanzwe akaba ari byo bikura neza. Kubera bene iyi mikorere, abantu benshi basigwa batyo bacogozwa na Satani kandi bagahangana na bamwe mu bizera bo mu yandi matorero banze ukuri. Ikibabaje ni uko abenshi muri bo bagezwa aho batazongera kugerwaho. Ibyiza ni uko umugabura atakwirirwa atangiza umurimo niba abona atazawusozza neza uko bikwiriye. . . .

Abakiriye ukuri ntibazigera bihangana ikigeragezo keretse gusa nibaba barahindutse by'ukuri, keretse gusa harabayeho impinduka ihamye mu mibereho n'imico yabo, kandi ubugingo bukaba bushikamye kuri Rutare rw'iteka. Iyo umubwiriza amaze kuhava maze inyigisho nshya abantu bari bakiriye zikagenda zibagirana, ukuri bari bemeye gutakaza imbaraga zako zireshyashya, noneho ugasanga nta kwera kubarangwaho kuruta uko bari bafite mbere.

⁶⁹⁵ *Gospel Workers*, p. 369, 370. (1915).

Umurimo w'Imana ntukwiriye gukorwa mu buryo bwo kuwukwanjika ntacyo umuntu yitayeho. Igihe umubwirizabutumwa atangije umurimo ahantu, agomba kuwukorana ubwitonzi kandi neza. Ntakwiriye kunyurwa n'ibyo amaze kugeraho, ataramara kumurikira Umwami abahindutse basobanukiwe neza inshingano yabo, kandi bazakora umurimo bashinzwe. Ibyo azabigeraho binyuze mu gukorana umwete ndetse no guhabwa umugisha uva ku Mana. Niba yarigishije neza uko bikwiriye abantu ashinzwe, igihe azaba avuye aho agiye gukorera ahandi, ntabwo umurimo yakoze uzasenyuka, ahubwo uzakomera ubutanyeganyezwa rwose.⁶⁹⁶

Gukora Umurimo Unoze: Hari akaga gaterwa n'uko ababwiriza bayobora amateraniro mu mijyi yacu bazanyurwa no gukora umurimo by'amajyejuru. Reka abagabura n'abayobozi b'amafilidi na za konferanse bakangukire kuzirikana akamaro ko gukora umurimo unoze kandi witondewe. Bakwiriye gukora kandi bagateganya gahunda y'ibikorwa batekereza ko igihe kiri hafi kurangira, kandi ko kubw'iyi mpamvu bagomba gukuba kabiri ishyaka n'imbaraga bakoreshaga.⁶⁹⁷

Nubwo dukwiriye guhora twiteguye gukurikira tukajya aho Imana idukinguriye amayira hose, ntidukwiriye gutegura igenamikorere ryagutse cyane, ngo tujye kugaba amashami dutangira ahandi hashya kandi nta bufasha namikoro ahagije dufite byo kuhakora umurimo neza no gukomeza ahamaze gutangizwa abihana bagakomeza kwiyongera ndetse n'umurimo ugakomeza gukura. Igihe hariho imigambi yagutse cyane n'ahantu hagari cyane hahora hakingurira amarembo abakozi, hagomba kubaho ibitekerezo byagutse n'imyumvire yagutse ku byerekeye abakozi baba bagomba gukora kugira ngo bazane abantu ku kuri.⁶⁹⁸

Jya Usiga Umurimo ari uko Umaze Kumenyera: Amatorero arahangwa hanyuma bakayareka akazasubira hasi ari nako bajya gutangira ahantu hashya. Ayo matorero aba yarahanzwe hatanzwe ibintu byinshi haba mu mirimo namikoro, hanyuma bakayirengagiza, bigatuma asenyuka. Uku ni ko ibintu bigenda muri iki gihe. . . .

Mu gihe imirimo iriho idindira mu nzira twiyemeje gucamo, ntitwari dukwiriye kujya gukorera hanze cyangwa ngo dushake kujya gukora umurimo kure y'aho tuba. . . . Ntabwo Imana ikwifuriza ko wazajya usiga umurimo ukomeye wateguye kandi watangiye ngo uwusige wawinjiyemo, maze ngo uwirengagize ugende usubira hasi ku buryo kuwuzahura bizakomera cyane kuruta uko wagombye kuba utaratangiye . . .

Niringiye ko uzarebana ibintu ubushishozi kandi ukirinda kugira icyo ukora uhubutse cyangwa ushingiye ku marangamutima. Ababwirizabutumwa bacu bakwiriye kwigishwa no gutozwa gukora neza umurimo bashinzwe. Bakwiriye gutangira umurimo bakawusiza ntibawusige ngo uzasenyuke. Bakwiriye by'umwihariko kwita ku bantu

⁶⁹⁶ *Gospel Workers*. pp. 367-369. (1915).

⁶⁹⁷ *Review and Herald*, Jan. 11, 192. [*Urwibutso n'Integuza*].

⁶⁹⁸ *Letter* 34, 1886.

bafite ubwuzu bitewe n'ubutumwa bavuga, ntibigendere ngo nyuma yo kuva kuri iryo torero be kugira umutima wo kurizirikana. Bene iyo mikorere imaze kuboneka kenshi.⁶⁹⁹

Ubugingo bw'Abantu ni bwo Bukwiriye Kuba Nyambere: Hashize imyaka myinshi umucyo utanzwe ku byerekeye iyi ngingo. Byagaragaye ko ari ngombwa gukomeza kwita ku bantu bagaragaje ubwuzu bwo [kwakira ukuri], kandi bene abo bantu ntibigere basigwa bonyine bose batarafata icyemezo cyo komatana n'ukuri, ndetse batarahinduka mu buryo bukwiriye gutuma babatizwa; kandi nanone bakifatanya n'itorero ribegereye cyangwa bagahanga iryabo.

Nta byabaho bifite agaciro gahagiye gutuma umubwirizabutumwa ahamagarwa ngo ave ahantu yigishaga ukuri [kw'ijambo ry'Imana] kandi abantu bari babifitiye ubwuzu. Yewe n'iyi yaba indwara cyangwa urupfu ni iby'agaciro gake ubigereranyije n'agakiza k'abantu Kristo yatangiye igitambo kitagira akagero. Abantu basobanukiwe n'akamaro k'ukuri, bakaba bazi agaciro k'ubugingo bw'abantu Kristo yapfiriye, ntibazagira ikindi icyo ari cyo cyose baha agaciro ngo bahangare gusiga abantu bagaragaje ubwuzu kubera ukuri bigishijwe. Bazavuga bati, "Nimureke abapfu bahambe abapfu babo." Ibifitiye umuryango wabo akamaro, amasambu n'amazu, ntibikwiriye kugira ingufu na nke zakurura umubwirizabutumwa ngo areke aho yakoreraga umurimo.

Niba ababwiriza bemereye ibyo bintu by'igihe gito kubateshura ku murimo, ikintu kimwe rukumbi bagombye gukora ni ukureka ibintu byose, ntibagire amasambu cyangwa ngo bashake inyungu z'igihe gito zishobora kugira imbaraga yo kubateshura ku murimo ukomeye ugomba gukorwa muri iyi minsi ya nyuma. Ubugingo bw'umuntu umwe bufite agaciro karuta ak'isi yose. Ni buryo ki abantu bavuga ko bitangiye gukora umurimo wera wo gukiza ubugingo bw'abantu bakwemerera ubutunzi bwabo buke bw'igihe gito gutwara intekerezo zabo n'imitima yabo, maze bikabateshura ku muhamagaro wabo ukomeye bakiriye uvuye ku Mana?⁷⁰⁰

Urugero Rumwe rw'Igihombo Cyatewe no Gusiga Umurimo Utarangiye: Ni bwira ki dufite (umwete dushobora kugira uteye ute) byatuma dushyira ingufu ahantu hatandukanye hatumaramo imbaraga n'ireme ry'ubuzima; maze byarangira tukigendera tukahasiga nta muntu usigaye ngo ahiteho?

Nimureke mbabwire ibyambayeho. Igihe nari mvuye mu Buraya nkandagiye ku butaka bwa Amerika, ntabwo nagiye mu nzu runaka, ahubwo nagiye mu ihoteri, maze mfata ifunguro, ndangije njya -----
-. Aho nagombaga kuhasanga abandi ngo dutegure gahunda y'uburyo twagena umuntu uzahasigara akora umurimo. Hari abantu bakize kandi bizera Imana byimazeyo. Aho hantu hari abantu bafitiye ubwuzu ubutumwa

699 Letter 1, 1879.

700 Testimonies for the Church, vol. 2, pp. 540, 541. (1870).

bitangaje. Abantu bazaga mu materaniro, bakicara, bagatega amatwi babogoza amarira bitewe n'ubwuzu. Bari bakabakabwe mu mitima bikomeye; ariko twaje kugenda nta muntu dusize inyuma ngo asigare akurikirana iby'abo bantu; ahubwo ibintu byose byararetswe bisubira irudubi. Ibi bintu ntabwo bishimisha Imana. Dushobora kuba tunyanyagiza imbuto ahantu hagari cyane kandi tukagambirira gukora umurimo minini cyane; niba ari ibyo, ntituba twashyize ibintu kuri gahunda nk'uko byagombye kuba.⁷⁰¹

Gutangirira Abandi Umurimo Ahantu Haruhije: Abagabura b'Ijambo ry'Imana batarangwa no gukiranuka, ni bo bakanguza abantu ubutumwa bakabatera ubwuzu ariko bagasiga umurimo utarangiye. Bene abo baba basigiye abandi umurimo uruhije cyane kwinjiramo no kurangiza bo ubwabo baba batarashoboye gusohozwa. Abo bantu bazageragezwa; kandi niba badashoboye gukora umurimo wabo bakiranutse, nyuma y'ikigeragezo kiruseho, bazashyirwa ku ruhande bafatwe nk'intaza n'abarinzi badakiranuka.⁷⁰²

Umusaruro Uva ku Murimo Ukozwe Utateguwe: Kora neza umurimo wawe uwurangize. Irinde kugira ibyo usiga ngo undi azaza abikore. Irinde guhemukira Kristo. Iyemeze ko uzatsinda ukagera ku musaruro, bityo mu mbaraga za Kristo ushobora kugaragaza ko ushoboye umurimo wahawe ...

Nta kintu gica intege iterambere ry'umurimo wo kwamamaza ukuri kugenewe iki gihe nk'umurimo ukozwe na bamwe mu bagabura b' amatorero bakawukora mu buryo butateguwe. Hakenewe umurimo ukoranwe gukiranuka. Amatorero agiye gushiramo umwuka apfe bitewe n'uko adakomezwa mu buryo nk'ubwo Kristo yakoresheye. Ntabwo Uwiteka ashimishwa no kubona amatorero asigwa mu gihirahiro bitewe n'uko abantu batari ibisonga bikiranukira by'ubuntu bw'Imana. Amatorero afite intege nke kandi ararwaragurika bitewe no gukiranirwa kw'abantu bagombye kuyakorera bafite inshingano yo kuyareberera, bakarinda ubugingo bw'abantu nk'abazabubazwa.⁷⁰³

IGIHE IVUNA RIMARA N'UBURYO RISOZWA

Nta Muntu Ugena Igihe Ivuna Rizamara: Muzirikane ko nta muntu ushobora kuvuga umurimo nyawo uzakorwa cyangwa ngo agene igihe umurimo w'umuntu ukorera Imana uzamara. Nta muntu ushobora kugena iminsi cyangwa ibyumweru umubwiriza yagombye kumara ahantu runaka mbere y'uko ahava akajya gukorera ahandi. Uko ibintu biteye ni ko kugomba kugena igihe imirimo y'umukozi w'Imana izamara, kandi niba asenga Imana azasobanukirwa ko umurimo we ukubiyemo ibice byose by'uruzabibu rw'Uwiteka, byaba ibiri hafi n'ibiri kure. Umukozi ntagomba kuzitirira umurimo ahantu hamwe runaka hazwi. Ntakwiriye kugira impaka, ahubwo akwiriye kwagura imbago, akagera ahantu hose hakwiriye

⁷⁰¹ Manuscript 19b, 1890.

⁷⁰² Testimonies for the Church, vol. 4, p. 317. (1879).

⁷⁰³ Manuscript 8a, 1888.

ubutumwa. Imana ikorana na we; bityo rero akwiriye kuyigisha inama kuri buri ntambwe ateye, kandi akirinda kwishingikiriza ku nama z'umwana w'umuntu.

Umurimo wakomwe mu nkokora ahantu henshi bitewe n'uko abakozi bawukora bashakira inama ku bantu badakorera aho umurimo uri kandi batabona ndetse ntibumve n'uburyo ubutumwa bukenewe. Kubw'ibyo rero, ntibashobora gusobanukirwa n'uko ibintu biteye nk'umuntu uri aho umurimo ukorerwa.⁷⁰⁴

Kwigana Ubwitonzi Ibyatuma Umurimo Ugenta Neza: Iyo umupasitoro ahawe umurimo runaka, ntakwiriye kubaza umuyobozi wa Filidi cyangwa uwa Konferense iminsi azamara aho hantu. Ahubwo akwiriye gusaba Imana ubwenge Yo yamuhaye umurimo, Yo yasezeranye gutanga ubwenge no gushyira mu gaciro utibeshya, kandi ikaba itangana ubuntu bwinshi itishāma. Umubwirizabutumwa akwiriye kwita ku hantu hose hagize uruzabibu yahawe. Abikesheje ubuntu yagiriwe, akwiriye kumenya neza icyo azakora n'icyo atagomba gukora. Hari ibintu bizavuka, ariko nibyiganwa ubushishozi, kwicisha bugufi, kwizera no gusaba Imana ubwenge, bizatuma uhinduka umukozi w'umunyabwenge kandi utanga umusaruro.⁷⁰⁵

Umurimo Wakozwe Ukarangira: Umurimo ukorerwa ahitwa----- ugomba gukomeza igihe cyose abantu baho bakigaragaza ko bafite ubwuzu bwo kwakira ubutumwa. Ni ngombwa gutegura ahantu heza hakwiriye amateraniro ashobora kubera. . . . Umurimo ukorerwa ahitwa----- ntukwiriye gusubikwa. Hashize imyaka myinshi ntakamba ngo muri uyu muji hakoreshe umwete mwinshi, kandi ubwo ubu biri gukorwa, nimutyo dukomeze tujye mbere tugendera mu nzira itunganye.⁷⁰⁶

Amateraniro Maremare Pawulo Yayoboye i Korinto: Uwitwaga Imana ya Isirayeli isonzeye amatunda. Irahmagara abakozi bayo ngo barusheho kugaba amashami kuruta uko babikoraga. Intumwa Pawulo yavaga ahantu hamwe ajya ahandi, akabwiriza ukuri abantu bari bari mu mwijima w'ikinyoma. Yamaze umwaka n'amezi atandatu abwiriza ubutumwa i Korinto, kandi yagaragaje kamere mvajuru y'inshingano yari afite binyuze mu kwita ku itorero ryakuraga ryari rigizwe n'Abayuda n'Abanyamahanga. Abanyamahanga bari barahindutse barutaga ubwinshi Abayuda, kandi benshi muri bo babaga barahindutse by'ukuri – baravanwe mu mwijima maze bakagezwa mu mucyo w'ubutuma bwiza.⁷⁰⁷

Amavuna Maremare Akorewe mu Muji: Mu mavuna abera mu miji minini, usanga kimwe cya kabiri cy'umuhati uba wakoresheje gipfa ubusa bitewe n'uko abayaboye bayasozaga hakiri kare cyane maze bakajya

704 Letter 8, 1895.

705 Letter 8, 1895.

706 Letter 380, 1906.

707 Letter 96, 1902.

gutangiza irindi vuna ahandi hashyashya. ... Gusozza amavuna hutihuti akenshi byagiye biteza igihombo kinini.⁷⁰⁸

GUHAMYA UMUSARURO MWIZA UVUYE MU MATERANIRO

Imana ni yo Mucamanza w'Intsinzi y'Umukozi Wayo: Imana ubwayo, ni yo ica urubanza rw'umurimo w'umuntu, nta muntu ubifitiye uburenganzira. Kandi Imana izaha umuntu wese ingororano ye ikwiriye. Nta muntu uwo ari we wese wahawe inshingano yo guca urubanza hagati y'ibyo abakozi b'Imana batandukanye bakoze. Imana yonyine ni yo mucamanza w'umurimo mwiza wose wakozwe kandi ni na Yo itanga ingororano.⁷⁰⁹

Iyo Umuntu umwe Yihanganye, Umurimo Ugera ku Ntego: Mu iyerekwa rya nijoro, nabonye ndiho nganira namwe. Nari mbafitiye ubutumwa kandi nari ndi kububagezaho. Mwari mutentebutse kandi mugaragaza ko mucitse intege. Narababwiye nti, 'Uwiteka yantegetse kubwira mwene Data na mushiki wanjye -----, Narababwiye nti, "muri gufata ko umurimo wanyu ntacyo wagezeho rwose, ariko niba hari umuntu umwe ushikamye ku kuri kandi akihangana kugeza ku iherezo, icyo gihe ntumwavuga ko umurimo wanyu utagize umusaruro ugeraho. Niba hari umubyeyi umwe w'umugore wabashije gukurwa mu kutumvira kwe agahindukira akaba uwumvira, mukwiriye kubyishimira. Umubyeyi w'umugore ushishikariye kumenya Umukiza azigisha abana be kugera ikirenge mu cye. Isezerano ryatanze ryahawe ababyeyi bombi n'abana babo.

Ntabwo Uwiteka azagira urwego ababaramo ashingiye bunini bw'umusaruro wagaragaye mu mirimo mwakoze. Imana yantegetse kubabwira ko kwizera kwanyu kugomba gukomeza kuba kuvuguruwe kandi gushikamye, kandi kugahora kwiyongera. Nimubona ko abantu bafite amatwi ariko ntibumve, kandi ko ab'abanyabwenge batazasobanukirwa nyuma y'uko mwe mukoze uko mushoboye kose, muzajye mu tundi turere twa kure maze iby'umusaruro uzaboneka mubiharire Imana. Ariko rero ntumukemerere ukwizera kwanyu gucogora.⁷¹⁰

Ntukwiriye Gucika Intege Kubera Umusaruro Muke: Umurimo ukorwa kubw'icyubahiro n'ikuzo by'Imana uzashyirwaho ikimenyetso cy'Imana. Kristo azashyira ikimenyetso cye ku murimo w'abantu bazakora uko bashoboye kose. Kandi uko bakomeza gukora uko bashoboye, bazagwiza ubumenyi, bitume umurimo wabo urushaho kunozwa.⁷¹¹

Ugereranyije umubare w'abanga ukuri n'umubare w'abakwakira, abakwakira bazaba bake cyane, ariko ubugingo bw'umuntu umwe [wemeye ukuri] burusha agaciro abantu b'isi yose batakwemera. Ntidukwiriye gucika

⁷⁰⁸ Letter 48, 1886.

⁷⁰⁹ Review and Herald, Ded. 11, 1900.

⁷¹⁰ Letter 8, 1895.

⁷¹¹ Letter 153, 1903

inteye kabone n'ubwo umurimo wacu wasa n'aho udatanga umusaruro mwinshi.⁷¹²

Imbaraga Zishyizwe Hamwe kandi Zitadohoka Zigera ku Musaruro Mwiza: Imbaraga za buri muntu, zidacogora kandi zishyizwe hamwe zizatanga ingororano yo kugera ku ntsinzi. Abantu bashaka gukora ibyiza byinshi muri iyi si yacu bagomba kuba bafite ubushake bwo kubikora mu buryo Imana ishaka abinyujije mu gukora utuntu duto. Umuntu wifuza kugera ku rwego ruhanitse cyane rw'ibikorwa abinyujije mu gukora ikintu gikomeye kandi gitangaje, bene uwo azananirwa ye kugira ikintu na kimwe akora.

Iterambere ritajegajega mu gukora umurimo mwiza no guhora umuntu akora umurimo ukoranwe ubudahemuka ni iby'agaciro kenshi mu maso y'Imana kuruta gukora igikorwa kimwe gikomeye maze kikamamara nk'igikorwa cyiza mu bana bayo, bikaba nk'aho ari rwo rugero bakwiriye guharanira kugeraho. Abantu b'abanyakuri kandi bakiranuka ku nshingano bahawe n'Imana ntibahindagurika mu mikorere ahubwo barangwa n'umwete mu migambi yabo, bakatanya bagakomeza haba igihe raporo y'imirimo yabo ari mbi cyangwa se nziza. Bahorana umurava mu gihe gikwiriye no mu kidakwiriye.⁷¹³

Uburyo Bwiza bw'Imikorere Butanga Umusaruro wo Gukiza Ubugingo: Igihe turi mu murimo wacu dukorera Imana, kandi uburyo bwiza bugakoreshwa mu mbaraga zose tutizigamye, bizatuma haboneka umusaruro w'ubugingo bw'abantu.⁷¹⁴

Ibibi byo Guhindura Umugabura Ikigirwamana: Kuba umubwirizabutumwa akomerwa mu mashyi kandi agasingizwa si ikimenyetso cy'uko yabwirije ashorewe n'imbaraga y'Umwuka Wera. Bikunze kubaho kenshi cyane ko igihe batarinzwe, usanga abantu bahindutse vuba barundurira urukundo rwabo cyane mu mugabura wabo kuruta uko bakunda Umucunguzi wabo. Biyumvamo ko bungukiye cyane mu mirimo yakozwe n'uwo mugabura wabo. Batekereza ko afite impano z'akataraboneka ndetse ko nta wundi muntu ushobora gukora nka we. Kubw'ibyo, baha umuntu n'ibikorwa bye agaciro kadakwiriye. icyo kizere bamufitiye ni cyo kibatera gukundwakaza umuntu, bakamuhanga amaso kuruta uko bayahanga Imana, kandi iyo bagenza batya, ntibashimisha Imana ndetse ntibakurira no mu buntu. Iyo bigenze bityo bagirira nabi cyane umugabura ariko by'umwihariko iyo akiri muto kandi bigaragara ko agikura ndetse ko azavamo umugabura mwiza w'ubutumwa bwiza. . . .

Umugabura ukorera Kristo wuzuye Umwuka Wera n'urukundo akunda Shebuja. Bene uwo azakora ku buryo imico y'Imana n'iy'Umwana wayo ikunda izagaragazwa neza mu buryo bwumvikana. Azahirimbana gutuma

712 Letter 1, 1875.

713 Letter 122, 1902.

714 Review and Herald, April 28, 1904

abamuteze amatwi bajijuka bakamenya imico y'Imana neza, kugira ngo ikuzo ryayo rimenyekane ku isi.⁷¹⁵

Hari Abantu Bahinduka Bakayoboka Umuntu aho Kuyoboka Kristo: Mu myaka ine ishize, habayeho ivuna ryayobowe n'umuyobozi umwe witwa-----, kandi abantu benshi bararyitabiriye cyane bazanywe no kumva ubutumwa yavugaga. Iyo haza kuba harateguwe gahunda itunganye, haba harabonetse abantu benshi bitanga bakakira ukuri. Mwene Data----- ntiyakoreraga mu murongo mwiza, kuko umugambi w'ingenzi yari afite wari uwo kubona iteraniro rya rukokoma ryahurujwe no kumva ibibwirizwa byuzuye amagambo y'ibihimbano, byari bihabanye cyane n'ibibwirizwa bya Yohana integuza ya Kristo. Abantu benshi bashyize umukono ku masezerano yo kwitanga, ariko amaze kwigendera, byagaragaye ko ari we bizeraga, bakaba bari barareherejwe gusanga umuntu aho gusanga Yesu Kristo. Abenshi muri bari basinye amaserano [yo kwitanga] ntibari bahindutse by'ukuri, bityo igihe bari basigaye bonyine, bavanyemo amazina yabo.⁷¹⁶

Itorero ry'umukuru ----- Igihe uriho wita ku itsinda ry'abahindutse bivuye ku mihati yawe, washimishwa cyane no kumva barikwitirira, bavuga ngo ni itorero rya pasitoro naka. Wumva wifuza kugenza intekerezo zabo uko ushaka ku buryo bagendera ku marangamutima yawe. Ibyo biragatsindwa! Mu kwireherezaho intekerezo z'abantu, uba ubashora mu kwitandukanya na Sōko y'ubwenge bwabo no kuba ingirakamaro. Ntabwo ari wowe bagomba kwishingikirizaho ahubwo bagomba kwishingikiriza rwose mu Mana. Kwishingikiriza ku Mana byonyine ni byo byatuma bashobora gukurira mu buntu. Ni yo baba bakesha kugera ku ntsinzi, kuba ingirakamaro, ndetse bakayikesha imbaraga zo kuba abakozi bakorana n'Imana.⁷¹⁷

Abahindutse ni aba Kristo si Abacu: Mwene Data, -----reka tujye duhora twibuka ko umurimo wose umuntu yakora uko waba ukomeye kandi ari mwiza kose, ntabwo bimuha ububasha bw'uko abantu bayobotse ukuri binyuze mu murimo yakoze abagira abe ngo abitirirwe. Nta muntu n'umwe mu bahindutse ukwiriye kwemera kugengwa n'umugabura wabaye igikoresho cy'Imanamuihindukanye. Mu murimowacu w'ibwirizabutumwa, tugomba kuzana abantu kuri Kristo mu buryo butaziguye. Abo bantu ni aba Kristo, kandi ni we wenyine bagomba kuyoborwaho. Umuntu wese afite impagarike y'umwihariko we ikiremhamuntu nka we kitagomba kwigarurira.⁷¹⁸

Imana ni yo Igomba Guhabwa icyubahiro kubw'Intsinzi Yagezweho: Nyuma yo gutanga umuburo, na nyuma yo kubwirizwa ukuri kuvuye mu Byanditswe Byera, abantu benshi bazahinduka. Nyuma y'iyi ntambwe,

⁷¹⁵ Gospel Workers, p. 44, 45. (1892).

⁷¹⁶ Letter 79, 1893.

⁷¹⁷ Letter 39, 1902.

⁷¹⁸ Letter 193, 1903.

haba hakenewe umurimo usaba ubwitonzi n'ubushishozi. Umuntu ntashobora gukora umurimo w'Umwuka Wera. Twebwe dusigara turi imiyoboro Imana ikoreramo. Akenshi iyo umuhati w'umukozi ugeze ku ntsinzi runaka, usanga haje umwuka wo kumva ko umuntu yihagije. Ariko ntihakwiriye kubaho kwihimbaza no kwikuza, nta kintu na kimwe gikwiriye kwitirirwa umuntu; umurimo ni uw'Imana, kandi izina ryayo ryera ni ryo rikwiriye guhabwa ikuzo. Nimureke inarijye ihishwe muri Kristo.⁷¹⁹

Intsinzi Ihinduka Ubusa Bitewe no Kwihimbaza. Umuntu wese wihimbaza aba azimya umucyo urabagirana uturuka ku mihati ye.⁷²⁰

Kugirira Ikizere Gishyitse Abakozi Musangiye Umurimo: Buri wese akwiriye gukora uruhare rwe akiranutse, kandi buri mukozi wese agomba kubaha no gushimira umukozi mugenzi we kubera uruhare rwe aba yakozwe mu murimo. Mujye mwirinda ibiganiro birimo ishyari, ngo abe ari mwe mwishimagiza. Mu murimo wayo, Imana ikoresha abantu b'ingeri nyinshi. Ibyo uba wakoze aba ari agace gato k'uwo murimo. Abandi baba barakoranye umwete, basenga Imana kandi bakorana ubuhanga, bityo rero ntibakwiriye gusuzugurwa. Umuhanuzi aravuga ati: "Dore Umukiza wawe araje; azanye n'ingororano, kandi inyiturano yo kwitura imuje imbere." (Yesaya 62:11). Mu munsu wo gutanga ingororano ubuheruka, Imana izagororera abagaragu bayo uko bikwiriye, kandi izagororera umuntu wese ibikwiriye ibyo yakozwe. Imana yagiye yita cyane ku mibereho y'abakozi biyangaga kandi bakitangira gukora umurimo wayo ahanu habaga hagoye.

Ibi ni ibintu mugomba kwitaho. Ntabwo Imana yishimira abagaragu bayo igihe biyitirira ibyiza byagezweho. Igihe tugeze mu zabukuru, nimutyo tunambe ku butungane, bityo twe gufata iby'abandi ngo tubigire ibyacu. Byatwaye imyaka myinshi kugira ngo umurimo wakoze urangire, kandi amatsinda atandukanye y'abakozi yagiye akurikirana bakora uruhare rwabo muri uyu murimo.⁷²¹

Inyifato Yacu Ikumira Imana: Uwiteka Imana yiteguye gukorera ibikomeye abakozi be, ariko imitima yabo ntiyicisha bugufi. Iyaba Uwiteka yakoreraga muri bo, ntibakwishyira hejuru, ntibakuzura umwuka wo kwihimbaza kandi ntibahangara kugaya bene Se basangiye umurimo.⁷²²

Impamvu Tutagera ku Ntsinzi: Kubera kwirata ubwenge bw'isi no kugira imigambi nk'iy'ab'isi akaba ari byo bigirwa nyambere, aho ni ho dushobora gushakira impamvu y'uko umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, nubwo ufite ibiwifashishwamo bitagira akagero, bitawubuza kugera ku musaruro muto ugereranyije n'uwagombye kuboneka. Umukiza wacu yishimiraga mu mwuka kandi agashima Imana ubwo yatekerezaga agaciro k'ukuri, kuko kwabaga kwarahishwe abanyabwenge n'abantu bigengesera

719 *Review and Herald*, Oct. 14, 1902.

720 *Testimonies for the Church*, vol. 4, p. 607.(1881).

721 *Letter* 204, 1907.

722 *Review and Herald*, July 12, 1887.

ariko kukaba guhishuriwe abana bato- (ari bo bamenya intege nke zabo kandi bakumva ko ari We bishingikirijeho).⁷²³

Ingororano yo Kugarurira Kristo Inzimizi: Hari ingororano nyinshi zizahabwa abakozi b'Imana by'ukuri, bitanga batizigama bakirundurira mu murimo wayo. Nta kintu gitera mu ijuru gusabwa n'ibyishimo kirenze gukiriza Kristo ubugingo bw'abantu. Ibyishimo bisaba mu mutima iyo abakozi basobanukiwe ko iki gitangaza gikomeye kitajyaga gukorwa na mba n'abantu, ko ahubwo cyakozwe binyujijwe muri Kristo we ukunda abantu bari bagiye kurimbuka. Imana ihora hafi cyane y'umukozi wese nyakuri, ikaba ari Yo itera abantu kwihana. Uko ni ko ubuvandimwe bwa Gikristo butangira kubakwa. Bityo, uwo mukozi n'abo yagejejeho ubutumwa bwiza bagakorwa ku mutima n'urukundo rwa Kristo. Imitima yabo igaherako ihoberana, maze komatana k'ubugingo bwabo kukamera nko gusabana kw'abamarayika bakorerababwira abantu.⁷²⁴

IGICE CYA 10

GUKOMEZA ABIHANNYE BASHYA No KUBAKURIKIRANA

UBURYO BWO GUKURIKIRANA ABITANZE

Icyiciro cya Kabiri cy'Amateraniro: Iyo ingingo zivuga ukuri kugenewe iki gihe zigishijwe ubwa mbere, usanga biba bikomeye ko zihita zicengera mu ntekerezo z'abantu. Kandi nubwo abantu bamwe babona ko zihagije rwose kugira ngo bafate icyemezo, ariko abo bose baba bakeneye kongera kunyuzwa mu nzira bacyemo bafata icyemezo, kandi bagahabwa ibindi byigisho.⁷²⁵

Gushimangira Ukuri mu Bwenge bw'Abantu: Igihe ahantu hamaze gukoreshwa umuhati bwa mbere binyuze mu gutanga inyigisho nyinshi, mu by'ukuri biba bikenewe cyane ko habaho icyiciro cya kabiri cy'inyigisho kiruta izatanzwe mbere. Ukuri kuba ari gushya ku bantu kandi kwabakangaranyije ku buryo baba bakeneye ko uko kuri kongera kwigishwa ubwa kabiri, kugira ngo ingingo zikurimo zumvikane neza kandi ibitekerezo bikugize bishimangirwe mu bwenge bwabo.⁷²⁶

Akamaro ko Gusubiramo Ingingo Zigize Ihame: Iyaba abantu bamaze kumenya ukuri kandi bakaba bagushikamyemo bari bakeneye rwose kubona akamaro k'ukuri gahora gasurirwamo imbere yabo kandi intekerezo zabo zigakangurwa n'uko gusubirwamo kwako, mbega uburyo byaba ingenzi ukuntu uyu murimo wo gusubiramo ukuri utakongera kwirengagizwa gukorerwa abantu bashya baba bakiriye ukwizera! Ikintu cyose kivuzwe mu gusobanura Ibyanditswe Byera kiba ari gishya ndetse ari inzaduka kuri bo, kandi bazaba mu kaga ko gutakaza imbaraga z'ukuri

⁷²⁵ Letter 60, 1886.
⁷²⁶ Letter 48, 1886.

ndetse no kwemera ibitekerezo by'ibinyoma. Mu mavuna menshi yagiye akorwa usanga umurimo waragiye usigwa utarangiye.⁷²⁷

Ingamba Zitondewe Zirebana n'Ibyigisho byo Gukurikirana Abitanze: Ushobora kugirwa inama yo guhindura aho wakoreraga amavuna maze ukajya kwigisha ukuri amatsinda mashya, ariko igihe cyose uri gukora ivuna rya kabiri [ahantu hamwe], rikore mu buryo butunganye witware nk'aho ivuna rya mbere ritigeze rikorwa. Nimutyo impano zose z'abakozi zikoreshe. Nimutyo buri muntu wese mu rwego arimo akore uko ashoboye kose kandi akoreshe imbaraga ze zose mu murimo w'Imana.

Hari imirimo itari imwe ikwiriye gukorwa. Ubugingo bw'abantu ni ubw'igiciro cyinshi imbere y'Imana. Igihe bakiriye ukuri, bigishe, kandi ubahugure ku buryo bwo kwita ku nshingano bahawe. Imana yo yonyine ibonera ibintu kuva mu itangiriro ikageza ku iherezo, Yo yonyine ifite ububasha bwo gutuma imbuto zabibwe zitanga umusaruro, izabana nawe mu mihati yawe.⁷²⁸

Urugero rw'Umurimo wo Gukurikirana neza Abitanze: Iteraniro ryacu ryatangiye ku itariki ya 21 Ukwakira, rirangira ku ya 10 Ugushyingo mu mwaka wa 1897, ariko ubwuzu abantu batangiranye ntibwigeze bugabanuka. Mu iteraniro rya mbere, ihema ryari ryuzuye abantu, kandi mu mpande zose ahazengurutse ihema hari umurongo w'abantu bahagaze, bakurikira inyigisho.

Nigishije imbaga yari iteraniye aho incuro esheshatu ku Isabato, ku wa mbere w'Isabato no ku wa kane, tugaterana ku gicamunsi, kandi na none nigishije incuro eshanu ahantu hatandukanye mvugana n'abantu bacu. Twagize ibihe byiza cyane by'umurimo w'ibwirizabutumwa. ... Ijambo ry'Imana ntiravuzwe mu buryo bujijinganya cyangwa butegwa, ahubwo ryavuganywe imbaraga no kwigaragza k'Umwuka Wera. Ubwuzu abantu bari bafite bwari bwinshi cyane kuruta ubwo twigeze kubona bwose mu yandi materaniro makuru yabereye muri iki gihugu. Twumvise dushimye Uwitwaga cyane kubera ayo mahirwe twagize yo gusakaza umucyo w'ukuri kugenewe iki gihe. Nk'uko byabaga mu gihe Kristo yari hano ku isi, abantu babaga bateze amatwi, bagatangara kandi ukuri kukabafata mpiri. Baravugaga bati: « Ntabwo twigeze twumva ubutumwa nk'ubu. Ooh! Mbega ukuntu nifuza kuba narumvise ibi bintu mbere hose! Ntabwo nigeze menya ko ibi bintu biri muri Bibiliya. Ndabona ko umurimo mfite imbere yanjye ari uwo gushakashaka mu Byanditswe Byera birenze uko nigeze mbikora mbere hose.»

Mu by'ukuri, Ijambo ry'Imana ryabaye nk'inkota, rirahuranya kandi rifite imbaraga. Imbaga y'abantu babaga bateze amatwi babyitayeho hagashira isaha imwe cyangwa se abiri nta kimenyetso kigaragaza ko bananiwe. Ooh! Ndanezerewe cyane, kandi ndabishimira Imana cyane.

⁷²⁷ Letter 60, 1886.

⁷²⁸ Letter 48, 1886.

Ndashimira Uwiteka n'umutima wanjye wose, n'ubugingo bwanjye bwose n'ijwi ryanjye ryose. ...

Abakozi benshi bariho baramenyereza abantu bahindutse mu gace ka Stanmore. Ubwuzu bari bafite ntibwakendereye. Bamanuye ihema rinini maze bariyana i Melbourne. Irindi hema rinini risaga metero 12 z'ubutambike riri guteranywa kugira ngo rizashingwe hagati mu muji bityo abantu benshi kuriteraniramo, kandi rikanakoreshwe hano. Hari inzu yakodeshejwe kugira ngo izacumbikire abakozi. Kandi hari icyumba banteguriye. Bityo rero, iyaba nari nshoboye, muri iki cyumweru najya i Sydney ngasangayo abakozi bariyo. Tugomba gukora ibyo dushoboye byose kugira ngo iri vuna rizagere ku ntego. Umuyobozi Haskel ari kwandika raporo ijyana n'uko umurimo umeze hariya hantu ndetse n'iby'ubwuzu butigera bucogora abantu bafite.⁷²⁹

Kubakira ku Bwuzu Abantu Bamaze Kugaragaza: Abakozi bashobora kuza mu murimo w'ivugabutumwa nyuma y'uko abantu babwirijwe ndetse bakaba bafite ubwuzu, bashobora kuba abantu bafite ubushobozi buke ugeraranyije n'abatangiye umurimo; ariko niba ari abantu b'Imana bicisha bugufi, bashobora kwigisha abantu ukuri mu buryo bukangura kandi bugakora ku mitima y'abantu bamwe batigeze bafashwa mu gihe cyashize. Uwiteka ahishurira abantu ukuri mu buryo butandukanye ku buryo iyo binyuze mu kwigisha k'umuntu umwe usanga ingingo zimwe zigize ukuri zumvikana neza kurusha uko zumvikana binyuze mu kwigisha k'undi, kandi kubera iyi mpamvu, Uwiteka ntiyemerera umuntu umwe gusa ngo abe ari we ukora umurimo wo kwigisha no kwita ku ntekerezo z'abantu. ...

Umuntu umwe ashobora gukora uruhare rwe mu murimo uko abishoboye, bityo nyuma yaho Imana ikazohereza undi wo mu bakozi bayo kugira ngo akore undi mugabane wa mukazi wa mbere yabonye ko atari ngombwa ko ukorwa, nyamara byari ngombwa ko uwo murimo wakorwa. Nuko rero, ntihakagire umuntu wibwira ko inshingano ye ari ugutangira umurimo no kuwukora wose akawurangiza we ubwe. Igihe bishobotse ko uwo muntu abonye mu bandi bakozi izindi mpano zakoresheye kugira ngo abantu bahinduke, nimutyo ajye afatanyana na bo yishimye.⁷³⁰

Abihannye Bashya Bakwiriye Kwigishwa Neza: Umuhati twakoreshaga ntuzahagarikwa n'uko amateranirwa twakorera mu ruhamye yabaye ahagaze by'igihe gito. Igihe cyose hakiri abantu bafite ubwuzu ubutumwa, tugomba kubaha amahirwe yo kwigishwa ukuri. Bityo, abahinduka bashyashya bazakenera kwigishwa n'abigisha b'abizerwa b'Ijambo ry'Imana, kugira ngo babashe kunguka ubumenyi n'urukundo bakunda ukuri, ndetse bazabashe gukura bagere ku rugero rushyitse rw'igihagararo cy'abagabo n'abagore muri Kristo Yesu. Ubwo rero bagomba kuba bakikijwe n'umwuka utuma bashora gukura mu by'umwuka.⁷³¹

⁷²⁹ Letter 27, 1897.

⁷³⁰ Manuscript 21, 1894.

⁷³¹ Review and Herald, Feb. 14, 1907.

Guteza Imbere Ubushobozi bw'Impano mu Bizera b'Itorero: Kora umurimo w'umubwirizabutumwa. Vomerera kandi uhingire imbuto zamaze kubibwa. Niba itorero rishya rimaze guhangwa, ntirikwiriye gusigara ryonyine ritagira gifasha. Umubwirizabutumwa akwiriye guteza imbere impano ziri mu itorero, kugira ngo amateraniro azakomeze aje yungura abayitabira. Pawulo yategetse Timoteyo kujya ava ku itorero aya ku rindi, agakora uwo murimo kandi agakomereza amatorero muri uku kwizera kuzira amakemwa. Yagombaga gukora umurimo w'umubwirizabutumwa, kandi uyu ni umurimo w'ingenzi cyane uruta uw'abagabura. Yagombaga kubwiriza ijamba ry'Imana, ariko ntiyagombaga kwigumira ku itorero rimwe.⁷³²

Sura Abizera Bashya Kenshi: Umurimo ntukwiriye gusigwa imburagihe. Mbere yo kujya gukora umurimo ahandi hashyashya, jya ubanza kureba niba abantu bose basobanukiwe n'ukuri, bashikanye mu kwizera, kandi bafite ubwuzu bwo gukora mu byiciro byose by'umurimo w'Imana. Maze nurangiza, ukore nk'intumwa Pawulo, usure abizera bashya kenshi kugira ngo urebe uko bakora. Mbega uburyo umurimo ukorwa biguruntege na benshi bavuga ko batumwe n'Imana kubwiriza Ijambo ryayo utera abamarayika kubogoza amarira.⁷³³

Igisha Abantu Umurongo ku Murongo, Itegeko ku Itegeko: Kubwiriza si wo murimo wonyine ugomba gukorwa. Hakenewe ibirenze kubwiriza. Igihe kinini gikwiriye kugenerwa umurimo wo kwigisha abantu, ugaha abaguteze amatwi amahirwe yo kuvuga ibyo batekereza nabo. Abantu benshi bakeneye kwigishwa no gusobanurirwa neza umurongo ku murongo n'itegeko ku itegeko, ugafata bike aha ugafata ibindi bike hariya. (Yesaya 28.10).

Nyamara ntibyoroshye na gato kugira ngo wumvishe bene Data b'ababwiriza yuko ibibwirizwa byonyine bidashobora gukora umurimo ukenewe gukorwa mu matorero yacu. Hakenewe amavuna agendereye buri muntu ku giti cye; kuko ari ingenzi mu gushikama no gukomera ku bantu ku giti cyabo ndetse no ku matorero.⁷³⁴

Fasha Abantu mu Gutangira Imibereho Mishya: Ahantu hose habwirijwe ubutumwa maze abantu bakagira ubwuzu nk'ubwagaragaye ahitwa -----, haba hakwiriye gutoranywa abagabo n'abagore bafite ubushobozi kugira ngo bafashe mu mavuna. Abo bantu bakwiriye kwinjirana umutima w'ubushake mu murimo wo gusura no gusoma Bibiliya bafatanyije n'abantu bashya bakiriye ukwizera, ndetse n'abagaragaje ko bafite ubwuzu, kugira ngo bashishikarire kubakomereza mu kwizera. Abizera bashyashya bakwiriye kwigishwa mu buryo bwitondewe kugira ngo bagire ubumenyi buzima ku byerekezo binyuranye by'umurimo itorero rya Kristo ryahawe. Kubw'ibyo rero, ntabwo umuntu

732 *Review and Herald*, Sept. 28, 1897. [Urwibutso n'Integuza]

733 *Testimonies for the Church*, vol. 5, p. 256. [Ibihamya by'itorero]

734 *Manuscript* 7, 1897.

umwe cyangwa babiri bakwiriye guharirwa umutwaro w'uwo murimo bonyine.

Hari byinshi bizagerwaho bishingiye ku murimo uzakorwa n'abizira b'itorero. Ni umurimo uzaba ufitanye isano n'amavuna azabera mu mijyi yacu kandi ukazakomeza na nyuma yayo. Mu iteraniro, abantu benshi batsinzwe n'Umwuka Wera, bashobora kuzuzwa ubushake bwo gutangira imibereho ya gikristo; ariko nihatabaho kuba maso guhoraho no kubitaho ku ruhande rw'abakozi baba basigaye ngo bite ku bantu bagaragaje ubwuzu, ibyiza byari byacengeye mu ntekerezo z'abantu bizahinduka urujijo. Umwanzi wuzuye ubucakura azabonera urwaho ku ntege nke zose ku ruhande rw'abakozi b'Imana zo kunanirwa kurinda ubugingo bw'abantu nk'abagomba kuzabubazwa.⁷³⁵

Ubaka Igihome Gikikiza Abizera Bashya: Iyo abantu bamaze gufata icyemezo bakitanga, imbaraga z'umwijima zifata intekerezo z'abantu bamaze gutsindwa, ariko kandi bakaba batemeye kugengwa rwose n'Umwuka w'Imana. Usanga bafite kwizera imbaraga z'imyuka mibi, bityo Satani agakorera mu bwenge bwabo kugeza ubwo buzuwe n'imbaraga ikomeye yo kurwanya ukuri kw'Imana n'umuntu wese ukwizera, ndetse bakanatekereza ko bari gukora umurimo w'Imana nk'uko Kristo yatubwiye ati: «Uzabica wese azibwira ko akoreye Imana umurimo.» Yohana 16:2

Ubu dushobora kubona imbaraga ikomeye ikorera mu ntekerezo zabo. None se ku rundi ruhande byifashe bite? Nimwunge ubumwe n'Umwuka w'Imana ihoraho kugira ngo mwubake igihome gikikiza abantu bacu n'urubyiruko rwacu, bityo bahabwe uburezi nyakuri kandi batozwe ndetse bahugurwe. Uyu murimo ugomba gukorwa, kandi tugomba gucengeza ukuri kw'Imana mu bantu tutitaye ku cyo byadusaba cyose. Hari ibyo twebye dusobanukiwe ku kuri kw'Imana, ariko hariho abandi bantu benshi batagira ikintu na gito bagusobanukiweho, bityo rero tugomba kubayobora, tukabigishanya ubugwaneza n'urukundo. Kandi niba Umwuka w'Imana ari kumwe natwe, tuzamenya icyo tuzajya tuvuga.⁷³⁶

Gusobanukirwa n'Umugambi wose w'Imana: Uwiga Bibiliya akwiriye kuyibona nk'igitabo cyuzuye kandi akamenya ko ibice biyigize bifitanye isano. Akwiriye kumenya insanganyamatsiko remezo ya Bibiliya, akamenya umugambi Imana yari ifitiye abantu kuva katanga ka mbere, akamenya uko intambara ikomeye hagati y'icyiza n'ikibi yadutse, kandi akamenya n'iby'umurimo wo gucungura umuntu. Akwiriye gusobanukirwa n'imiterere y'amahame abiri arwanira kugenga abantu, kandi akamenya gutahura imikorere y'ayo mahame mu byanditswe byerekana amateka n'ubuhanuzi, kugeza ku kurimbuka gukomaye guheruka. Akwiriye kubona uko iyi ntambara ikomeye yinjira mu ntambwe yose y'ubuzima bwa muntu; akabona uburyo mu kintu cyose gikorwa mu buzima asanga we ubwe akigaragarizamo imigambi y'umwe mu bahanganye muri iyi ntambara

⁷³⁵ *Review and Herald*, March 2, 1905. [Urwibutso n'integuza]

⁷³⁶ *Manuscript* 42, 1894.

cyangwa undi. Abona kandi uko, yaba abishaka cyangwa atabishaka, ibyo akora bihamya uruhande ahereramo muri iyo ntambara.⁷³⁷

Kwigisha Abizera Bashya Uburyo bwo Guhangana n'Umwanzi: Nta mategeko cyangwa amabwiriza mabi arenze gusiga abantu bake hano, abandi hariya, ukabasiga nta muntu wo kubagaburira no kubitaho, maze ukabasiga mu menyo y'ibirura, cyangwa ukabarekera ahitegeye umwanzi kugira ngo abamisheho amasasu y'urufaya. Imana yanyeretse ko bene iyo migirire ikunze kubaho muri twe nk'ubwoko bw'Imana. Ahantu hagaragaraga ko hazatanga umusaruro hagiye hapfushwa ubusa kubw'umurimo wajyaga kuzahakorera mu gihe kiri imbere bitewe no kugira ishyamba ryo kwihutira gutangiza umurimo ahandi hashyashya batarebwe icyo bizasaba, ndetse binyuze no gucikiza umurimo ugakorwa igice. Bitewe n'uko hari ibyigisho runaka byigeze gutangwa hanyuma uwo murimo ugahagarara, maze uwigishaga akihutira kuja ahantu hashya naho akahakora umurimo w'igice, ba bantu b'impeyamajyo bafite ubumenyi buke ku byerekeye ukuri usanga basigara bonyine nta ngamba zikwiriye zifashwe zo kubakomeza no gutuma bashikama mu kwizera ndetse no kubigisha uko bakwiriye guhangana n'ibitero by'umwanzi no kumuhashya nk'ingabo zatojwe neza.⁷³⁸

GUFASHA ABIZERA BASHYA KWISANGA MU BAGIZE ITORERO

Kuyoborwa nk'Abana Bato: "Icyo gihe abigishwa begera Yesu baramubaza bati, 'Umukuru mu bwami bwo mu ijuru ni nde?' Ahamagara umwana muto amuhagarika hagati yabo, arababwira ati: "Ndababwira ukuri yuko nimudahinduka ngo mumere nk'abana bato, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru. Nuko uzicisha bugufi nk'uyu mwana muto, ni we mukuru mu bwami bwo mu ijuru. Uwemera umwana umwe muto nk'uyu mu izina ryanjye, ni jye aba yemeye. Ariko ushuka umwe muri aba bato banyizera akamugusha, ikiruta ni uko yahambirwa urusyo mu ijosi rye, akazikwa imuhengeri mu nyanja." Matayo 18:1-6.

Igihe Yesu yavugaga "abana bato" ntiyavugaga impinja cyangwa abana mu rwego rw'ubukure. Ahubwo abo yerekezagaho ni "Abato bamwizera" - ni abantu batagira uburambe mu rugendo rwo gukurikira Yesu, ni abakeneye kuyoborwa nk'uko bayobora abana bato. Bakayoborwa mu gihe bashakisha iby'ubwami bw'ijuru.⁷³⁹

Gira Inama Abantu Bakiri Bashya mu Kwizera: Nifuzaga kugira icyo mbabwira mwebwe abo ----- mumaze kumenya ukuri. Muracyari bato mu byo kwizera kandi mukeneye cyane kugendana n'Imana mwicishije bugufi, kandi mukeneye kwigira mu ishuri rya Kristo buri muni binyuze mu gitekereza cyane by'umwihariko ku nyigisho yigishije abigishwa be kandi mukanaziganiraho. Mugendane kwicisha bugufi mu mitima, mwe kwiyingira ubwanyu, mushake ubwenge buva ku Mana yo Soko y'ubwenge,

737 Uburezi p. 198, 199.

738 Letter, 60, 1886.

739 Manuscript 60, 1904.

kugira ngo inzira zanyu zose n'uburyo bwose mukoreshe bibashe guhamanya no komatana rwose n'inzira z'Imana n'ubushake bwayo ku buryo hatabamo urujijo. . . .

Ntidukwiye kwibagirwa ko kuvana mu ntekerezo z'abantu ikinyoma cyahawe intebe kuva mu bwana bwabo bikomeye. Dukwiriye kuzirikana ko isi atari ijuru, kandi tukamenya ko tuzahura n'ibintu biduca intege kandi ko tugomba kubitsinda, ariko kandi ko tugomba kugaragariza kwihangana, ineza n'impuhwe abantu bariho barindagirira mu mwijima. Nituramuka tubazanye bakareba umucyo, ntabwo tuzabikora mu magambo gusa; ahubwo bigomba gukorwa n'umurimo w'ubuntu bwa Kristo ku mitima yanyu, buhishurirwa mu mico yanyu idakebakeba ariko irangwa n'ubugwaneza no kwiyorosha biranga Kristo. Kubwo gusenga cyane, ugomba gukora witaye ku bugingo bw'abantu kuko ubu ari bwo buryo bwonyine ushobora kugera ku mitima y'abantu. Ntabwo ari umurimo wawe, ahubwo ni umurimo wa Kristo uri iruhande rwawe maze akemeza imitima. . . .

Mwiyemeze ko hagati muri mwe hatazarangwamo kutumvikana, ko ahubwo muzarangwa n'amahoro ya Kristo mu mitima yanyu, bityo kwinjiza ayo mahoro mu miryango yanyu bizabahindukira umurimo woroshye. Ariko iyo umurima w'umutima utitaweho, uzameramo ibyatsi birimo uburozi by'ubwibone, kwiyemera, kumva wihagije, no gushyirwa hejuru. Buri wese muri twe akwiriye kuba maso asenga.

Imico twitoza izagaragarira mu mibereho tugira mu miryango yacu. Iyo mu muryango hari ubwumvikane, abamarayika b'Imana bakorera muri wo. Iyo umuryango ucunzwe mu buryo bw'ubwenge, ubugwaneza, kwicisha bugufi, kwihangana, bifatanyije no gukurikiza amahame adabakeba, icyo gihe uzamenye neza ko umugabo nyir'urugo ari umurunga ubumbatiye urwo rugo. Akoresheje imigozi yera, abumbatirira hamwe ab'umuryango maze akabamurikira Imana ku gicaniro cyayo na we ubwe atisize. Mbega umucyo umurika uturutse muri bene uwo muryango!

Bene uwo muryango uyobowe neza uko bikwiriye, uba igihamya cyiza cyerekana ukuri, kandi iyo bimeze bityo, umuyobozi wa bene uwo muryango azageza no mu Itorero ry'Imana umurimo mwiza nk'uwo agaragariza mu muryango we. Ahantu hose gutwaza igitugu n'ubukana ndetse kubura kw'impuhwe n'urukundo bigaragara mu muryango, nta gushidikanya hazabaho gutsindwa mu migambi no mu micungire y'iby'itorero. Ubumwe mu muryango, n'ubumwe mu itorero buhishura uburyo Kristo yakoresheje ndetse n'ubuntu bwe kurenza ibibwirizwa n'amagambo ashimangira ibyo umuntu yemera. . . . Mbese ukuri gukomeye twahawe kwaba kwera imbuto zo kwihangana, kwizera, ibyiringiro no kugira neza mu mitima yacu, bityo kugahishura imbaraga yako ikiza mu mitima y'abantu, kugahishura kandi ko turi amashami y'Umuzabibu w'ukuri bitewe n'uko twera amahundo y'imbuto nziza?⁷⁴⁰

740 Letter, 6b, 1890.

Kwishakamo Ubushobozi bwo Kwiyubaka: Si umugambi w'Imana ko itorero rikomezwa n'ubuzima rivoma mu mugabura. Abizera bakwiriye kwishakamo ubushobozi bwo kwiyubaka. Inkuru y'ubutumwa bwiza, ubutumwa bw'imbuzi ari bwo bwa marayika wa gatatu bukwiriye kwamamazwa n'abizera b'itorero.⁷⁴¹

Umuntu wese uvuga ko ari Umukristo akwiriye kumva ko afite inshingano yo kwitwara akurikije amabwiriza ava mu Ijambo ry'Imana. Imana isaba umuntu wese gukurikiza icyitegererezo cyatanze mu buzima bwa Kristo kandi ikamusaba kurangwa n'imico yejeje kandi iboneye.⁷⁴²

Abapasitoro Ntibakwiriye Gushyirwa mu Mwanya w'Imana: Nubwo abantu bashya bahindutse baba bakwiriye kwigishwa kugisha inama abafite ubunararibonye mu murimo [w'Imana], bakwiriye na none kwigishwa kudashyira umubwirizabutumwa cyangwa umupasitoro mu mwanya w'Imana. Abapasitoro n'ababwirizabutumwa ni abantu buntu kandi b'abanyanteye nke. Kristo ni we tugomba guhanga amaso akatubera umuyobozi.⁷⁴³

Inyigisho Abizera Bashyashya Bakwiriye Gushimangira Muri bo: Akenshi ababwirizabutumwa birengagiza aya mashami y'ingenzi y'umurimo w'Imana ari yo: ubugorizi mu by'ubuzima, impano z'Umwuka, gutangana umutima ukunze, ndetse n'amashami akomeye y'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Binyuze mu mihati yabo, abantu benshi bashobora kwakira no kwemera amagambo y'ukuri, ariko mu gihe runaka bikagaragara ko hari benshi batazatsinda igenzura ry'Imana. . . .

Mbega ukuntu byari kurushaho kuba byiza ku murimo w'Imana iyaba intumwa itwaye ubutumwa bw'ukuri yari yarigishije abo bizera bashya idakebakeba kandi ikuye ruhande, ikababwira ibyerekeye izo ngingo z'ingenzi nubwo yajyaga kubona abantu bake cyane biyongera ku bagize itorero binyuze mu mihati ye!

Abagabura bakwiriye kumvisha neza abo bakorera akamaro ko kwikorera imitwara ifitanye isano n'umurimo w'Imana kwabo. Bakwiriye kwigisha ko icyiciro cyose cy'umurimo w'Imana gikeneye inkunga yabo kandi ko bakwiriye kucyitaho. Hari ahantu hagari cyane hakeneye kugezwa ubutumwa hakinguriwe abantu, kandi hakwiriye kunyeganyezwa hakongerwa hakanyeganyezwa. Abantu bakwiriye gusobanukirwa ko abazaragwa ubugingo buhoraho atari abumva Ijambo, ko ahubwo ko ari abakora iby'iryo Jambo rivuga. Nta muntu numwe usonewe gukora uyu murimo. Imana isaba abantu bose yahaye impano z'ubuntu bwayo kuzigeza ku bandi, atari ukurangiza inshingano bakora ibisabwa mu gihe runaka ngo umurimo wo guteza imbere ukuri kwayo ugere ku ntego gusa, ahubwo basabwa no kwitanga ubwabo batizigamye. . . .

741 *Manuscript* 83, 1897.

742 *Manuscript* 63, 1907.

743 *Testimonies for the Church*, vol. 7, p. 20. (1904)

Umutima wa kamere nturangwa n'ubugiraneza; ahubwo abantu bagomba kwigishwa umurongo ku murongo n'itegeko ku itegeko, bakamenyeshwa uburyo bwo gukora ndetse n'uko bagomba gutanga bakurikije itegeko ry'Imana.⁷⁴⁴

Gukuza Imyifatire Mishya kubw'Umurimo w'Imana: Ni umutungo ungana iki utagaguzwa ku bintu usanga nta kindi biri cyo uretse kuba ibigirwamana, ibintu bitwara intekerezo n'umutima ukunda? Ibyo bintu ni imitako mito itagize icyo imaze isaba kwitabwaho ikarindwa umukungugu ndetse igashyirwa kuri gahunda. Igihe gikoreshwa mu gutegura utwo tugirwamana cyagombye gukoreshwa mu kubwira umuntu runaka ijambo ry'Imana, mugakangura muri we icyifuzo cyo kuba yabaza ati: "Nakora iki kugira ngo nkizwe?" Utwo tuntu duto dutwara igihe cyagombaga gukoreshwa mu gusenga, no gusingira amasezerano y'Imana kubwo kwizera ...

Iyo nitegereje ibintu byagombaga gukorwa mu bihugu bimeze nk'iki ndimo, numva umutima wanjye ugurumanamo umuriro kugira ngo nereke abantu bavuga ko ari abana b'Imana amafaranga menshi atagira ingano bapfusha ubusa bagura imyambaro, ibikoreshe byo mu rugo bihenze cyangwa se bakayakoreshe mu byo kwishimisha, no mu ngendo zigamije kunezeza kamere. Ibi byose byitwa kunyereza umutungo w'Uwiteka. Ni ugukoreshe umutungo bwite w'Uwiteka mu kunezeza inarijye kandi wagombye kwegurirwa gukoreshwa umurimo we.⁷⁴⁵

Abakristo b'Ingirakamaro: Umurimo w'intumwa zihagarariye Kristo ni umurimo ukomeye cyane kandi usaba umuntu kwita cyane ku nshingano ye birenze uko abantu benshi babyibwira. Intumwa zihagarariye Kristo ntizikwiriye na rimwe kumva zinyuzwe n'intsinzi zamaze kugeraho zitaramurikira Shebuja abakristo b'ingirakamaro bavuye mu mihati ikomeye bagize. Abo bakristo b'ingirakamaro ni abasobanukiwe neza inshingano yabo, kandi bakazakora umurimo bahamagariwe. Umurimo mwiza n'impuguro zikwiriye bizaza ari umusaruro uvuye mu kwinjiza mu bakozi abagabo n'abagore bafite imico itajegajega kandi bakaba baramaze kumasha ku buryo nta kintu gifitanye isano ko kwikanyiza bemerera kubabera imbogamizi mu murimo wabo, gucogoza ukwizera kwabo, cyangwa kubateshura ku nshingano.⁷⁴⁶

IBWIRIZABUTUMWA RIKORWA N'UMUPASITORO

Kwita ku Bizera Bashyashya: Iyo abagabo n'abagore bamaze kwemera ukuri, ntidukwiriye kwigendera ngo tubasige bonyine nta wundi mutwaro tubikorera. Bagomba kwitabwaho. Bakwiriye kuzirikanwa nk'umutwaro utuvuna mu mitima yacu, kandi tugomba kubarinda dukora nk'ibisonga byiteguye kuzabibazwa na shebuja. Bityo rero, igihe mubwira abantu, mujye

⁷⁴⁴ *Review and Herald*, Dec. 12, 1878.

⁷⁴⁵ *Letter* 42a, 1893.

⁷⁴⁶ *Testimonies for the Church*, Vol. 4, p. 398-399. (1880).

muha buri muntu wese umugabane we w'ibyokurya mu gihe gikwiriye, ariko muba mukeneye kuba aho mugomba kugaburirira.⁷⁴⁷

Ragira Intama Zanjye: Umwami Yesu yabwiye Petero ati: "Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe"; kandi amaze kuzuka, mbere yo kuzamuka akajya mu ijuru, yabwiye umwigishwa we ati: "Simoni mwene Yona, urusha aba kunkunda? Aramusubiza ati: "Yee, Mwami, uzi ko ngukunda." Aramubwira ati: "Ragira intama zanjye." Yohana 21:15-16.

Uyu wari umurimo Petero yari afitemo ubunararibonye buke; ariko ntiyashoboraga kuba yuzuye mu mibereho ya gikristo atari yabanza kwiga kuragira intama. Izo ntama zigereranya abakiri bato mu byo kwizera. Kugeza inyigisho nziza ku batarajijuka, kubaramburira Ibyanditswe Byera no kubigisha ngo bazabe ingirakamaro kandi bazite ku nshingano zabo, ni umurimo usaba kwitonderwa cyane, kwihangana no kwikomeza. Uyu ni wo murimo ukwiriye gukorwa mu itorero muri iki gihe, nibitaba bityo abavuganira ukuri bazaba ibikuri mu kugwiza ubunararibonye kandi bahure n'ibigeragezo n'ibishuko. Inshingano Petero yahawe ikwiriye guhinduka iy'umupasitoro wese. Ijwi rya Kristo ryumvikana kenshi risubiriramo abashumba yahaye iyi nshingano ngo, "Ragira intama zanjye," "Ragira intama zanjye."

Mu magambo Petero yabwiye dusangamo inshingano z'umugabura w'ubutumwa bwiza ushinze umukumbi w'Imana.⁷⁴⁸

Kugaburira Umukumbi: Bene Data dusangiye umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza, nimutyo tugaburire umukumbi w'Imana. Nimutyo dutere umwete umuntu wese kandi dutume umutima wa buri wese usabwa n'ibinezaneza. Nimutyo dukebure bene Data na bashiki bacu kugira ngo bareke kureba ingeso mbi zigaragara mu mico kandi zifitwe n'abantu hafi ya bose, maze tubigishe guhanga amaso Kristo ukundwa kandi akaba Inyamibwa mu bihumbi. ...

Imana yabikije abantu bapfa ubutunzi bw'ukuri kw'agaciro kenshi. Ubwo butunzi bwagereranywa n'imbuto nziza cyane zigomba kugaburirwa abantu ku mbehe zisukuye, ziboneye kandi zera, kugira ngo abo bantu bazemere izo mbuto kandi bazishimire kubw'ikuzo ry'Imana.⁷⁴⁹

Sura Buri Muryango: Umupasitoro nk'umwungeri w'umukumbi akwiriye gukenura intama n'abana bazo, agashaka intama zazimiye n'izarorongotanye maze akazigarura mu mukumbi. Akwiriye gusura buri muryango, ariko ntagende nk'umushyitsi gusa unezezwa n'uko bamwakira, ahubwo akagenda agamije kugenzura ngo amenye imibereho ya buri wese mu by'umwuka mu bagize urwo rugo. Ubugingo bwe bukwiriye gusabwa n'urukundo rw'Imana; maze kubw'urugwiro n'ikinyabupfura agira akabasha kubona inzira imugeza ku mitima y'abantu bose, kandi agakorera

747 Manuscript 13, 1888.

748 Letter 3, 1892.

749 Manuscript 127, 1902.

ababyeyi n'abana umurimo ugera ku ntsinzi, akabinginga, akababurira kandi akabakomeza akurikije uko abasanze.⁷⁵⁰

Egera Imitima y'Abantu: Egera bene So, bashake, ubafashe, wegere imitima yabo nk'umuntu uhangayikishijwe n'ibidatunganye kuri bo. Uko ni ko dushobora kugera ku ntsinzi ukwizera kwacu guke kutabasha gusingira. Abagize bene iyo miryango bakwiriye guhabwa icyo bakora kugira ngo ubugingo bw'abandi nabwo bumererwe neza. Nibakundana kandi bakagirirana icyizere bizabongeramo ubushyuhe bwo kuba abakozi bakorana n'Imana.⁷⁵¹

Amahwa Akwiriye Kurandurwa Akajugunywa ku Gasozi: Abantu benshi bavuga ko ari Abakristo batwawe n'amaganya y'isi ku buryo batabona igihe cyo kwimenyereza ubutungane. Ntabwo babona ko iyobokamana nyakuri ari ryo ry'ingenzi. Umuntu ashobora kugaragara nk'aho yakiriye ukuri, ariko iyo adatsinze ibirangwa mu mico ye binyuranye n'imico ya Kristo, ayo mahwa arakura, agakomera maze akaniga ubuntu bw'agaciro kenshi buva kuri Mwuka. Amahwa yameze mu mutima akwiriye kurandurwa maze akajugunywa kubera ko icyiza n'ikibi bidashobora guturana mu mutima icyarimwe. Kamere ya muntu itanyurwa ndetse n'ibyifuzo bye bikwiriye gucibwa mu bugingo bw'umuntu kuko ari imbogamizi ku mikurire ya Gikristo.⁷⁵²

Cyaha Abantu Kandi Ubagire Inama: Hari umurimo umushumba w'umukumbi agomba gukora, kandi ibi bisobanuye ko akwiriye gucyaha abantu kandi akabagira inama afite kwihangana n'amahame y'Ijambo ry'Imana. Ibi bivuze ko akwiriye kwigisha abantu Ijambo ry'Imana, kandi akerekana aho bafite intege nke. Niba hari ikintu runaka kirangwa mu mico y'abavuga ko ari abayoboze ba Kristo, uwo mutwaro ukwiriye gushengura umugabura ntawugereke ku bwoko bw'Imana. Kwita ku ntekerezo za muntu ni wo murimo uhebuje indi wahawe umuntu upfa.⁷⁵³

Akenshi Jya Ukora ku Buryo Amateraniro yo ku Isabato aba Ishuri rya Bibiliya: Neretswe kenshi ko abagabura bakora umurimo wo kuba abapasitoro b'amatorero bakwiriye kubwiriza gake maze bagashyira imbaraga zisumbyeho mu kwigisha umuntu ku giti cye. Ntidukwiriye gutuma abantu bacu batekereza ko bakeneye gutega amatwi ibibwirizwa gusa buri Sabato. Abantu benshi bumva ibibwirizwa, nubwo kandi ukuri kuba kubwirizwa mu magambo yumvikana neza, icyo gihe abantu bamenya bike cyane. Akenshi byarushaho kugira akamaro igihe cy'amateraniro uramutse wigishije mu buryo bworoheje kandi butera amatsiko ku buryo abantu bose bashobora gusobanukirwa ukuri kandi bakakira amahame y'agakiza.⁷⁵⁴

⁷⁵⁰ *Signs of Times*, Jan. 28, 1886.

⁷⁵¹ *Manuscript* 42, 1898.

⁷⁵² *Letter* 13, 1902.

⁷⁵³ *Manuscript* 13, 1888.

⁷⁵⁴ *Letter* 192, 1906.

Hakenewe Ibirenze Ibibwirizwa: Umugabura ni umuntu ugabura [iby'Imana]. Niba ukomeza umurimo wawe ukora akazi ko kubwiriza gusa, umukumbi w'Imana uzahababarira; kuko abantu bakeneye kwitabwaho buri wese ku giti cye. Jya ubwiriza ibibwirizwa bigufi. Ibibwirizwa birebire binaniza wowe ubwiriza ndetse n'abo ubwiriza. Iyaba abagabura bashoboraga gukoresha kimwe cya kabiri cy'igihe bari basanzwe bakoresha babwiriza, bakora ibyiza biruseho kandi basigarana imbaraga bagomba gukoresha mu murimo wihariye. Sura imiryango, usengane na yo, uganire na yo, ufatanye na yo gucukumbura mu Byanditswe, nubigenza utyo uzaba ubakoreye umurimo mwiza. Bereke yuko uhirimbanira ko bagira ishya n'ihirwe kandi ko wifuza ko baba Abakristo b'inziramuze.⁷⁵⁵

Kugaragaza Urukundo Ruhumura nk'Umubavu: Abakozi b'Umwami wacu bakeneye kugira urukundo rwa Kristo rworoshya imitima rukaba mu mitima yabo. Mureke umugabura wese abeho nk'umuntu uba mu bandi bantu. Niba akoresha uburyo bwizwe neza, akwiriye kugenda asura abantu urugo ku rundi, abahumurira umubavu mvajuru urangwa n'urukundo. Nimugerageze kuburizamo agahinda, ingorane n'ibihagarika abantu umutima. Nimwinjire mu byishimo n'ibihagarika imitima y'abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene.⁷⁵⁶

Kubwiriza Abana: Umwanya mwiza ubonye wose jya uhora ubwira abana igitekerezo cy'urukundo rwa Yesu. Mu kibwirizwa cyose, hakwiriye guteganywa umwanya muto abana bagomba kungukiramo. Umugaragu wa Kristo ashobora kumushakira muri abo bana bato incuti zizamunambaho. Nuko rero ntakwiriye gutakaza umwanya n'amahirwe byo gufasha abana ngo barushaho kujijuka bunguka ubumenyi mu Byanditswe Byera. Ubu buryo buzakora ibirenze ibyo dushobora kwiyumvisa kuko buzafunga inzira Satani yari kunyuzamo ubucakura bwe. Iyo abana bamenyerejwe ukuri kw'Ijambo ry'Imana bakiri bato, imbere yabo hubakwa urukuta rukumira kutubaha Imana, bityo bazashobora guhangana n'umwanzi gica bakoresheje aya magambo ngo, "Handitswe ngo."⁷⁵⁷

Kwegurira Imana Abana: Umubwirizabutumwa ntakwiriye kwibagirwa gutera umwete intama z'agaciro kenshi zo mu mukumbi. Kristo Umwami w'Ijuru yaravuze ati: "Mureke abana bato basange, ntimubabuze, kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." (Luka 18:16). Yesu ntiyohereje abana ku bigisha bo mu Bayuda; ntabwo yabohereje no ku Bafarisayo kuko yari azi neza ko abo bantu bashobora kubigisha kwanga incuti yabo magara. Ababyeyi bazanye abana babo kuri Yesu bakoze neza. Ibuka aya magambo ngo: "Mureke abana bato bansange ntimubabuze, kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." Nimutyo ababyeyi bashyire Kristo abana babo. Reka abagabura b'ubutumwa bwiza bakikire abana bato mu biganza byabo, maze babahe umugisha mu izina rya Yesu. Nibababwire amagambo yuje urukundo

755 Manuscript 8a, 1888.

756 Letter 50, 1897.

757 Gospel Workers, p. 208. (1915).

n'ubugwaneza; kuko Kristo yafashe mu maboko abo bana b'intama bo mu mukumbi we maze akabaha umugisha.⁷⁵⁸

Ibibwirizwa byo ku Isabato ku Bashyitsi: Niba mu iteraniro ryo kuramya hajemo abantu bize, abakozi ba Leta n'abandi banyacyubahiro, umugabura atekereza ko agomba kubafata nk'abanyabwenge koko; ariko muri uko gushaka kubitwaraho atyo atakaza amahirwe y'agaciro kenshi yari abonye yo kubigisha inyigisho nziza zikomeye zatanze n'Umwigisha Mukuru isi yigeze igira. Abantu bose baturira mu matorero yacu mu gihugu cyacu bakeneye kumenya byinshi kuri Kristo wabambwe. Imibereho y'iby'idini idashingiye kuri Kristo wenyine nta gaciro ifite. Izo mpuguke zifite ubushobozi mu buhanga ziba zikeneye gusobanurirwa mu buryo bwumvikana Ibyanditswe byerekeye inama y'agakiza. Mureke babwirwe ukuri nk'uko kuri mu koroha kwako n'imbaraga zako. Igihe ibi bidakunguye intekerezo zabo ngo bite ku kuri, ntibashobora na mba kwita ku by'Imana n'ijuru. Muri buri teraniro habamo abantu baba batanyuzwe kandi [badatekanye]. Buri Sabato baba bakeneye kugira ikintu bumva cyihariye gisobanura uburyo bashobora gukizwa bagahinduka Abakristo. Ikintu cy'ingenzi baba bashakira kumenya ni iki: Ni buryo ki umunyabyaha ashobora kugezwa imbere y'Imana? Mureke inzira y'agakiza isobanurirwe imbere yabo mu buryo bworoheje, no mu mvugo yumvikana neza nk'uko waba ubwira umwana muto. Erereza Yesu we byiringiro rukumbi by'umunyabyaha.⁷⁵⁹

Kwirengagiza Umurimo wo Gusoma no Kwigira: Ibihe byinshi inshingano z'umupasitoro zirirengagizwa mu buryo bukojeje isoni bitewe n'uko umugabura adafite imbaraga zo kugira ibyo yigomwa yashakaga ngo afate igihe cyo kwiherera no kwiga. Umupasitoro akwiriye kugira gahunda yo gusura urugo ku rundi mu zigize umukumbi we, akaganira kandi agafatanya gusenga na buri muryango, ndetse agashakisha icyatuma ubugingo bwabo bumererwa neza. Abantu bagaragaje icyifuzo cyo kumenya amahame yerekeye kwizera kwacu ntibakwiriye kwirengagizwa, ahubwo bakwiriye kwigishwa ukuri mu buryo bwimbitse.⁷⁶⁰

INSHINGANO Y'UMUKORERABUSHAKE KU BIHANNYE VUBA

Itorero Rikwiriye Gufasha Abakiriye Ubutumwa Vuba Ryihanganye: Hakenewe kwihangana no gukorana umutima w'ineza mu byo tugirira abantu bashya bayobotse ukwizera, bityo inshingano y'abizera basanzwe mu itorero ni iyo gutegura inzira n'uburyo bwo gufasha, kugaragaza impuhwe no kwigisha abantu bavuye mu yandi matorero n'amadini ku bushake bitewe n'ukuri bumvise bifuzaga gukurikira, bityo bakaba batandukanye n'umurimo abapasitoro babo bari bamenyereye kubakorera. Itorero rifite inshingano idasanzwe yo kwita kuri abo bantu bakurikiye

⁷⁵⁸ *Review and Herald*, March 24, 1896. [Urwibutso n'Integuza].

⁷⁵⁹ *Manuscript 4*, 1893.

⁷⁶⁰ *Gospel Workers*, p. 337, (1915).

imirasire ya mbere y'umucyo bakiriye. Bityo, abagize itorero nibirengagiza iyi nshingano, bazaba bakiraniwe ku nshingano bahawe n'Imana.⁷⁶¹

Kwitabwaho no Guterwa Umwete: Iyo abantu bamaze guhindukira bakayoboka ukuri, baba bakeneye kwitabwaho. Ishyaka ry'abagabura benshi risa n'irikendera bakimara kubona umusaruro uvuye mu mihati yabo. Ntibamenya ko abo bantu bahindutse vuba baba bakeneye kurerwa no kugaburirwa, -bakitabwaho, bagafashwa kandi bagaterwa umwete. Bene abo ntibakwiriye gusigara bonyine ngo bahinduke umuhigo wa Satani, badashobora guhangana n'ibishuko bye bikomeye. Bakeneye kwigishwa ibyerekeye inshingano zabo, bakeneye kubabanira neza, kuyoborwa, gusurwa no gufatanya na bo gusenga. Abo bantu bakeneye ibyokurya byagenewe buri muntu kandi mu gihe gikwiriye.

Nta watangazwa no kubona bamwe muri bo bacika intege, bagakererwa mu nzira kugeza ubwo amasega abaconshomera. Satani arabakurikirana bose. Yohereza abakozi be kugira ngo bagarure mu ngabo ze abo bantu aba yatakaje. Hari hakwiriye rero kubaho ababyeyi b'abagabo n'ababyeyi b'abagore bafata izo mpinja bakazizirikana mu mitima yabo, bakazitera umwete kandi bakazisengera, kugira kwizera kwazo kutazamo urujijo.

Kubwiriza ni umugabane muto w'umurimo ugomba gukorwa kubw'agakiza k'abantu. Umwuka w'Imana yemeza abanyabyaha bakakira ukuri, maze noneho akabashyira mu maboko y'itorero. Abagabura bakwiriye gukora uruhare rwabo, ariko ntibashobora na rimwe gukora umurimo wagombaga gukorwa n'itorero. Imana ishaka ko abagize itorero ryayo bagaburira abantu bakiri bato mu kwizera kandi bataramenyera, bakabagenderera batagamije kuzimura, ahubwo bajyanywe no gufatanya na bo gusenga, no kubabwira amagambo ameze nk'amatunda y'izahabu ku mbehe y'ifeza."

Twese dukeneye kwiga imico n'imigenzereze kugira ngo tumenye uko tugomba gufata abantu batandukanye tutababangamira, bityo tubashe gukoresha umwete wacu wose, tubafasha ngo basobanukirwe neza n'Ijambo ry'Imana kandi bagire imibereho nyakuri ya Gikristo. Dukwiriye gufatanya nabo gusoma Bibiliya, no kuvana intekerezo zabo mu bintu by'igihe gito, ahubwo zikerekezwa ku bizabagirira umumaro by'iteka ryose. Abana b'Imana bafite inshingano yo kuyibera ababwirizabutumwa, bakamenya neza abantu bakeneye ubufasha. Niba hari umuntu ugwaguza atsikamiwe n'ikigeragezo, ikibazo cye kigomba kwitonderwa, kandi kikiganwa ubushishozi bitewe n'uko inyungu ze z'iteka ryose ziba ziri mu kaga, kandi amagambo n'ibikorwa by'abamwitaho bishobora kuba impumuro y'ubugingo izana ubugingo cyangwa "impumuro y'urupfu izana urupfu." (2 Kor. 2:14).⁷⁶²

Gahunda yo Kwita kuri Bene Data: Muri Kristo twese turi umuryango umwe. Imana ni yo Data, kandi itwitezeho kwita ku bagize umuryango

⁷⁶¹ *Review and Herald*, April 28, 1896. [Urwibutso n'Integuza.]

⁷⁶² *Testimonies for the Church*, vol. 4, p. 68, 69, (1876). [Ibihamya]

wayo; bitari iby'igihe runaka, ahubwo by'igihe cyose. Nk'amashami y'igiti cy'umuzabibu, twese dukura ibidutunga ku isoko imwe, kandi kubwo kumvira tubikuye ku mutima, duhinduka umwe na Kristo.

Niba umwe mu bagize umuryango wa Kristo aguye mu gishuko, abandi bavandimwe bakwiriye kumwitaho bafite umutima wuje ubugwaneza, bakajya kumushaka, kandi bakamushakana umwuka w'ubugwaneza, bagashaka uko bahagarika ibirenge biraragira bigana mu nzira mbi, bityo bakamugarura mu buzima buboneye kandi bwera. Uyu ni wo murimo Imana isaba ko buri muntu wese mu bagize itorero ryayo akora. . . . Abagize umuryango w'Uwiteka bakwiriye kuba abanyabwenge kandi bakaba maso, bagakora uko bashoboye kose kugira ngo bakize abavandimwe babo b'abanyanteye nke, bakabavuvunura mu ngoyi itagaragara Satani ababohesha.

Uyu ni umurimo w'ivugabutumwa ukorerwa mu ngo, kandi ni uw'ingirakamaro ku bawukora no ku bawukorerwa. Umwuka w'ubugwaneza tugaragaza mu muryango, amagambo yuje impuhwe tubwira bene Data na bashiki bacu, ni yo adutunganyiriza gukorera abagize umuryango w'Uwiteka, abo tuzabana ibihe bidashira nituramuka dukomeje kuba indahemuka kuri Kristo. Kristo aravuga ati: "Ariko ujye ukiranuka ugeze ku gupfa, nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo." (Ibyahishuwe 2:10). Mbega ukuntu abagize umuryango w'Uwiteka bari bakwiriye kurinda abavandimwe babo mu kwizera babyitondeye! Bagire inshuti zawe. Niba ari abakene, bakaba bakeneye ibyokurya n'imyambaro, nimubakenure mu byo bakenye bishira kandi mubakenure no mu byo bakenye mu by'umwuka. Nibiba bityo muzaba mubabereye umugisha incuro ebyiri.⁷⁶³

GUFASHA ABIZERA BASHYA KUGIRA ABO BAZANA KURI YESU

Umugabura Akwiriye Kwigisha Abizera Bashya Uburyo bwo Kugira abo Bazana kuri Yesu: Ahantu hatandukanye hagomba gusurwa; kandi amatorero agomba gushingwa urukurikirane. Abahagurutse bakemera ukuri bakwiriye guhangirwa amatorero, byarangira umugabura akabona kuja ahandi hantu h'ingenzi hakeneye ubutumwa naho.

Igihe itorero rikimara guhangwa, mureke umugabura ashyire abizera ku murimo. icyo gihe bazaba bakeneye kwigishwa uburyo bwo gukora umurimo kugira ngo utange umusaruro....

Imbaraga y'ubutumwa bwiza igomba kugera ku bagize amashami yahanze, bityo ikabatunganyiriza gukora umurimo. Bamwe mu bihannye bazuzuzwa imbaraga z'Imana ku buryo bazaherako binjira mu murimo. Bazakorana umuhati ku buryo batazajya babona igihe cyangwa uburyo bwo guca intege amaboko ya bagenzi babo binyuze mu kubanenga. icyifuzo cyabo rukumbi kizaba ari icyo kugeza ukuri mu tundi turere.⁷⁶⁴

⁷⁶³ Manuscript 63, 1898.

⁷⁶⁴ Testimonies, vol. 7, p. 20. (1920) Ibihamya.

Shimangira Inshingano Buri wese Afite ku Mana: Inshingano y'umuntu, icyo umuntu ku giti cye agomba gukora ahirimbana agakiza k'abandi, icyo ni cyo gikwiriye kwigishwa abizera bashya bese. . . . Kwizera k'umuntu ku giti cye gukwiriye kugaragazwa kandi kugashyirwa mu bikorwa, ubutungane bwa buri muntu bukwiriye kugenda bushimangirwa, kandi kwiyoroshya no kwicisha bugufi bya Kristo bigahinduka umugabane w'imigirire yo mu buzima bwacu. Uyu murimo ukwiriye kuba utunganye kandi warimbitse mu mutima wa buri mukozi w'Imana wese.

Abantu bavuga ko bakiriye kandi bizera ukuri bakwiriye kwerekwa imbaraga irimbura y'ubwikanyize n'imbaraga zabwo zihumanya kandi zangiza. Umwuka Wera agomba gukoresha umuntu, nibitaba bityo hari indi mbaraga izigarurira ubwenge n'umutima uhana. Ubumenyi bw'iby'umwuka bwo kumenya Imana n'uwo yatumye ari we Yesu Kristo ni bwo byiringiro rukumbi by'umuntu. Umuntu wese akwiriye kwigishwa n'Imana, umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko. Akwiriye kumva ko we ku giti cye asabwa n'Imana kugira uruhare mu murimo wa Shebuja, uwo agomba gukorera umurimo wo gukiza abantu bakava mu rupfu.⁷⁶⁵

Amasezerano y'Umubatizo - Umuhigo wo Kuzana Abantu ku Mukiza: Ubwoko bw'Imana bukwiriye kugira ubwuzu bwo gukora inshingano yose iba mu murimo ukorwa mu murima mugari ugomba gusarurwa. Kubw'amasezerano batanga bagiye kubatizwa, barahirira gukorana umwete no kwiyanga bakajya mu turere turuhije cyane tw'ahagomba gukorwa umurimo kugira ngo bateze imbere umurimo wo kuzana abantu ku Mukiza. Imana yahaye buri mwizera inshingano yo gushishikarira gutabara abadafite ibyiringiro n'abakandamizwa na Satani.⁷⁶⁶

Abahindutse by'Ukuri Bazakorera Abandi: Ubuntu bw'Imana bukorera mu bahindutse vuba bukorera ni ruto ni ruto. Bugenda bubongerera ubuntu budatangirwa kugira ngo buhishwe mu kirundo cy'ibintu, ahubwo ari ukugira ngo ababuhawe na bo babuheho abandi nabo bubagirire akamaro. Umuntu wahindutse by'ukuri azakora kugira ngo abandi bari mu mwijima nabo bakizwe. Umuntu umwe wahindutse rwose by'ukuri azagenda mu kwizera maze aje gukiza undi muntu umwe bityo bityo. Abakora batyo ni abakozi b'Imana, ni abahungu n'abakobwa bayo. Ni bamwe mu bagize urugaga runini rw'ab'Uwiteka, kandi umurimo wabo ni ugufasha mu gusana icyuho Satani n'ingabo ze baciye mu mategeko y'Imana baribatira Isabato y'ukuri munsu y'ibirenge byabo bakayisimbuza umunsi w'ikiruhuko bihimbiye.⁷⁶⁷

Impamvu Ituma Bamwe mu Bahindutse vuba Batajya Mbere mu by'Umwuka: Abantu bicisha bugufi, boroheje mu mutima kandi biringira Imana bashobora gukora umurimo utuma abamarayika b'Imana mu ijuru bishima. Umurimo bakora mu ngo zabo, uwo bakora mu baturanyi babo

⁷⁶⁵ Manuscript 25, 1899.

⁷⁶⁶ Australian Union Conference Record, June 1, 1903.

⁷⁶⁷ Letter 29, 1900.

no mu itorero uzatanga umusaruro wawo uzaramba ibihe bidashira. Kuba uyu murimo udakorwa ni byo bituma ubunararibonye bw'abahindutse vuba butarenga umutaru mu byerekeye Imana. Bahora ari impinja, bagahora bakeneye kuramizwa amata, kandi ntibashobore kurya ku byokurya nyakuri by'ubutumwa bwiza.⁷⁶⁸

Gukora Umurimo ni byo Bikomereza Abantu mu Kwizera. Igihe abantu bamaze kwiyegegurira Imana, jya uhita ubashyira mu murimo. Maze igihe bakora bakurikije uko ubushobozi bwabo bungana, bazarushaho gukura bakomere. Iyo duhuye n'imbaraga ziturwanya ni ho dushikama mu kwizera. Igihe umucyo urasiye mu mitima y'abantu, nimubareke nabo basakaze hose imirasire yawo. Igisha abahindutse vuba ko bakwiriye gusabana na Kristo, bakamubera abahamya kandi bakamumenyekanisha ku isi yose.

Nta muntu n'umwe ukwiriye gushorwa mu rugamba rwo guhangana, ahubwo bakwiriye kuvuga inkuru yoroheje y'urukundo rwa Yesu. Bose bakwiriye guhora bashakashaka mu Byanditswe Byera kugira ngo basobanukirwe impamvu yo kwizera kwabo, bityo igihe babajijwe, babe batanga impamvu z'ibyiringiro bafite, ariko bafite ubugwaneza kandi bubaha. (1 Pet. 3:15)

Umuti mwiza cyane ushobora guha itorero si uwo kubwiriza, ahubwo ni uwo kubategurira gahunda y'umurimo bagomba gukora. Nibamara gushyirwa mu murimo, abatagira ibyiringiro bazabigira, abanyantegwe nke babe abanyambaraga, abari abaswa bahereke bahinduke abanyabwenge, maze bitume bese bategurirwa kuvuga ukuri nk'uko kuri muri Kristo Yesu. Bazamubonamo umufasha utigera atererana abe kandi wasezeranye gukiza abamusanga bese.⁷⁶⁹

Isano Igikorwa cyo Kuzana Abantu Kuri Kristo Gifitanye n'iby'Umwuka: Abantu bitabira cyane gukora umurimo wabo wo kuzana bantu kuri Yesu Kristo bagakiranuka, ni bo barushaho gukura mu by'umwuka no kwitanga. Imikorere yabo irangwa no gushishikara ni yo ituma bakura mu by'umwuka. Kaba ari akaga idini iramutse igwije umubare w'abayoboze b'ingwizamurongo ikabura abayoboze bafite ukwizera kwimbitse. Bene ibi ntibishobora kubaho igihe mu mwanya w'ibibwirizwa birebire hashyizwe gahunda yo kwigishwa neza gukorewe abantu bashya bayobotse ukwizera. Bigishe ukoresheje kubaha icyo bakora mu byerekezo bimwe by'umurimo w'iby'umwuka kugira ngo urukundo rwabo rwe kuzakendera ahubwo bazarushaho kugwiza ubuntu. Reka bumve ko batagomba guhekwa no guhora bishingikirije ku itorero ngo ribafashe, ahubwo ko bo ubwabo bagomba gukomera bagashinga imizi. Bakurikije ubushobozi bwinshi bafite, bashobora kuba ingirakamaro muri byinshi bafasha itorero kurushaho kwegera Imana, kandi bakora mu nzira zitari zimwe bagakorera mu mirimo ikorerwa hanze y'itorero ariko ikaba uburyo

⁷⁶⁸ Letter 61, 1896.

⁷⁶⁹ Review and Herald, June 25, 1895. [Urwibutso n'Integuza].

bwo kungura itorero. Ubwenge n'iterambere by'itorero bituma rimenyekana. Umuhimbi wa Zaburi yasabiye kugubwa neza kw'itorero agira ati: "Imana itubabarire, iduhe umugisha, itumurikishirize mu maso hayo. Kugira ngo inzira yawe imenywe mu isi, ubugingo bwawe bukiza bumenywe mu mahanga yose." Zaburi 67:1-3.⁷⁷⁰

Gukura mu Bukristo Bizigaragaza: Nta kintu gikamura iby'umwuka mu bugingo bw'umuntu mu buryo bwihuse nko kubyigumanira ubwawe mu mwuka wo kwikanyiza no kwiyitaho ubwawe. Abantu bakunda gushyira imbere inarijye kandi bakirengagiza kwita ku bugingo no ku mibiri y'abantu Kristo yatangiye ubugingo bwe, ntabwo baba barya umutsima w'ubugingo cyangwa ngo banywe amazi y'isoko y'agakiza. Barumagaye, amazi yabashizemo, ndetse bameze nk'igiti kitera imbuto. Bahindutse ibikuri mu by'umwuka, batarariza amikoro yabo ku guha inarijye; ariko "ibyo umuntu abiba ni byo azasarura."

Amahame ya gikristo azahora agaragazwa. Amahame akorera imbere mu bugingo azagaragazwa mu buryo bwinshi. Kristo utuye mu bugingo bw'umuntu amubera isoko itigera ikama.⁷⁷¹

Gukoresha Itorero Kugira ngo Rikomeze Kuba Rizima. Umupasitiro akwiriye guhirimbanira gutuma itorero rikomeze kuba rizima abinyujije mu kwigisha abarigize uburyo bafatanyaga na we gukora umurimo ugamije guhindura abanyabyaha. Ubu ni uburyo bwiza cyane bwo kuyobora; kandi umusaruro uzavamo uzaba ari mwiza cyane urenze uwajyaga kuboneka iyo aza gukora umurimo wenyine.⁷⁷²

KURINDA ABIZERA BASHYA INYIGISHO ZIPFUYE NO KUBA ABAKA

Satani Abuza Uburyo Abizera Bashya Kandi Akabarangaza: Ahantu hose hashinzwe ishimi rito, Satani akora uko ashoboye agahora abuza uburyo abizera baho kandi akabarangaza. Iyo umwe mu bantu baho afashe umugambi wo kureka ibyaha bye, mbese mutekereza ko Satani azamuzibukira, akamwihorera? Oya rwose. Turashaka ko mureba neza ishingiro ry'ibyiringiro mufite. Turashaka ko mureka imibereho yanyu n'ibikorwa byanyu bigahamya ko muri abana b'Imana koko.⁷⁷³

Amahame n'Inyigisho Bigamije Kuyobya Abizera Bashya Ntibizabura: Satani ahirimbana gushora abantu mu buyobe. Ni we soko y'amacakubiri yose, kandi ntajya abura amahame n'inyigisho ashyira imbere y'abantu kugira ngo abayobye. Hari udutsiko dushya duhora twaduka tugamije guteshura abantu ku kuri; kandi aho kugira ngo abantu bagaburirwe umutsima w'ubugingo, babagaburira isahani y'imigani n'ibitekerezo bihimbano. Ibyanditswe byera babishyize iruhande, ndetse

⁷⁷⁰ Letter 44, 1892.

⁷⁷¹ Review and Herald, Jan. 15, 1895. [Urwibutso n'Integuza.]

⁷⁷² Review and Herald, April 23, 1908. [Urwibutso n'Integuza.]

⁷⁷³ Manuscript 5, 1885.

ntibabyikoza, ahubwo bapfa kubivuga gusa bagamije kwambika ibinyoma byabo isura y'ukuri. Imyambaro y'ukuri kw'Ijambo ry'Imana barayibye kugira ngo bayitwikirize ubuyobe.

Intumwa Pawulo yigishije Abanyagalatiya ukuri gutunganye k'ubutumwa bwiza. Yabwirije abantu ibyerekeye ihame ryo gukiranuka umuntu ahabwa kubwo kwizera, kandi umurimo we watanze umusaruro ubwo yabonaga itorero ry'i Galatiya rihinduka, rikakira ubutumwa bwiza. Ubwo ni bwo Satani yatangiye gukorera mu bigisha b'ibinyoma kugira ngo ateze urujijo mu ntekerezo z'abizera. Kwiyegeze kw'abo bigisha no kwigaragaza kw'imbaraga bari bafite yo gukora ibitangaza, byahumye amaso y'iby'umwuka y'abantu bashya bari bahindutse, maze bashorwa mu buyobe...

Hashize igihe kinini Pawulo atagifite umwanya mu ntekerezo z'abari barayobejwe; ariko kubwo kwishingikiriza ku Ijambo ry'Imana no ku mbaraga zayo, ndetse akanga ubusobanuro bwatangwaga n'abigisha b'abahakanyi, Pawulo yashoboye kumvisha no kwemeza abo bantu ko bari barashutswe, maze muri ubwo buryo abasha kunesha imigambi ya Satani. Abo bari bihannye bashya bagarukiye ukwizera, bagaruka biteguye gushikama mu kuri bafite umutima w'ubwenge.⁷⁷⁴

Inyigisho z'Ibinyoma Zamamazwa n'Abiyita Abizera b'Itorero: Twese uko tungana tuzageragezwa bikomeye. Abantu bavugaga ko bizera ukuri nyamara bajijisha bazaza badusanga maze batubwire inyigisho ziyobya zizahungabanya uburyo twizera ukuri kw'iki gihe nituramuka tuzumviye. Idini nyakuri yonyine ni yo izabasha gushikama igatsinda iryo shungura ry'urubanza.⁷⁷⁵

Umwete Satani Azakoresha Kugira ngo Areme Ibice mu Bwoko bw'Imana: Kristo yavuze yuko kugwira kw'abashukanyi kuzajyanirana n'akaga gasumbyeho ku bigishwa be karenze gutotezwa.

Uyu muburo yawusubiyemo incuro nyinshi. Abashukanyi bakoresheje ibibazo bijyanye n'ubuhanga buhanitse (siyansi) bagombaga kwirindwa bikomeye kurenza akandi kaga kose bajyaga guhura nako; kuko kwinjira kw'umyuka iyobya kwari gusobanuye kwinjira kw'ibinyoma Satani yateguranye ubushishozi kugira ngo atere urujijo mu myumvire y'iby'umwuka y'abari badasobanukiwe neza n'imikorere y'Umwuka Wera, ndetse n'abakomeza kunyurwa n'ubumenyi buke cyane bafite mu by'umwuka. Umuhati w'abashukanyi wagiye uba uwo guca intege byiringiro abantu bafite mu kuri kw'Imana no gutuma badashobora gutandukanya ukuri n'ikinyoma. Usanga ingingo zishimishije cyane kandi z'impimbano zishingiye ku buhanga buhanitse (siyansi) zinjizwa kandi zigacengezwa mu ntekerezo z'abanyanteye nke batagira icyo bitaho. Bityo rero, keretse gusa abizera nibaba maso, naho ubundi umwanzi wiyoberanyije

⁷⁷⁴ Manuscript 43, 1907.

⁷⁷⁵ Review and Herald, Dec. 2, 1884. [Urwibutso n'Integuza.]

akihindura nka marayika w'umucyo azabayobya abajyane mu nzira zitari iz'ukuri. . . .

Satani ashobora gukinisha ubugingo bw'abantu batagira ingano kandi akabikorana ubuhanga, ndetse akora mu buryo bw'ubushukanyi kugira ngo yangirize ukwizera k'ubwoko bw'Imana kandi abuce intege. . . . Muri iyi minsi akora nk'uko yabigenje mu ijuru, akaba agendereye kurema ibice mu bwoko bw'Imana muri iki gihe tugezemo giheruka amateka y'isi. Ahirimbanira guteza amakimbirane mu bantu, akabyutsa intonganya n'impaka z'urudaca kandi niba bishoboka, agendereye gukuraho imbago ziranga ukuri zahawe ubwoko bw'Imana. Agerageza gutuma abantu babona ko Uwiteka yivuguruza.

Igihe Satani yigaragaje nka marayika w'umucyo nibwo afatira abantu mu mutego we, maze akabashuka. Abantu bajijisha bavuga ko bigishijwe n'Imana, bazemera inyigisho z'ibinyoma, kandi mu myigishirize yabo bazajya basigiriza ibyo binyoma kugira ngo binjize mu bantu ibyo binyoma bya Satani. Uko ni ko Satani azagaragazwa nka marayika w'umucyo kandi azabona akito ko kwigisha imigani ye mihimbano kandi inezeza abantu.

Bizaba ngombwa ko muhangana n'abo bahanuzi b'ibinyoma. Bazakoresha imbaraga zabo zose kugira ngo bayobye benshi, babashukashuka ngo bemere inyigisho z'ibinyoma. Ibyanditswe byinshi bizajya bisobanurwa nabi ku buryo inyigisho ziyobya zizaba zigaragara ko zishingiye ku magambo Imana ubwayo yavuze. Ukuri kutagira amakemwa kuzakoresheya ngo kwemeze kandi gushimangire ikinyoma. Abo bahanuzi b'ibinyoma bavuga ko bigishijwe n'Imana, bazafata imirongo myiza yo mu Byanditswe Byera yatangiwe kurimbisha ukuri maze bayikoreshe nk'ikanzu yo gukiranuka bayitwikiriza imyigisho z'ibinyoma kandi ziteza akaga. Ndetse na bamwe mu bo Imana yari yarahaye icyubahiro mu gihe cyashize bazayoba bitandukanye rwose n'ukuri bageze ubwo bavuganira inyigisho ziyobya ku byerekeye ingingo nyinshi zikubiye mu kuri harimo n'ihame ryerekeye ubuturo bwera.⁷⁷⁶

Itorero Rikwiriye Gushungurwa: Iteka biba bikomeye gushikama ku byiringiro twatangira nye kugeza ku iherezo, kandi ingorane zirushaho kwiyongera igihe hariho imbaraga zihishe zikora ubutaruhuka zigamije kuzana undi mwuka uva ku ruhande rwa Satani ugamije gusenya umurimo.

Mu gihe hatariho akarengane, muri twe hinjiye abantu bagaragara nk'aho ari abaziranenge kandi ko Ubukristo bwabo ntacyo wabunenga, ariko akarengane karamutse gahagurutse, abo ni bo baherako bitandukanya natwe. Mu gihe cy'akaga abo bantu bahita babona imbaraga yakoreraga mu ntekerezo zabo. Satani yateguye imitego myinshi itandukanye ikwiranye n'uko abantu batandukanye.

Igihe amategeko y'Imana azahindurwa ubusa, itorero rizashungurwa n'ibigeragezo bikomeye cyane, kandi umugabane munini w'abantu baruta

⁷⁷⁶ Manuscript 11, 1906.

abo dushobora gukeka ubu bazumvira imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni. Aho kugira ngo abantu barusheho gukomera igihe berekejwe mu nzira iromboreje, benshi berekana ko atari amashami mazima y'Umuzabibu w'ukuri, bityo ntibere imbuto, maze nyir'umurima akayatema, akayajugunya.⁷⁷⁷

Gukomeza Gushikama ku Kuri kwa Bibiliya: Umukiristo akwiriye “gushorera imizi mu kuri kandi akagushikamamo.” (Abefeso 3:17) kugira ngo ashobore guhagarara ashikamye igihe ahuye n'ibishuko by'umwanzi. Imbaraga z'umukristo zikwiriye guhora zivugururwa kandi akwiriye gushikama ku kuri kwa Bibiliya. Ibitekerezo bihimbano by'ubwoko bwose bizinjizwa [mu itorero] kugira ngo biteshure umwizera ku kubaha Imana, ariko akwiriye guhanga amaso mu ijuru, akizera Imana kandi agahagarara ashikamye, ashinze imizi mu kuri.

Gundira Umwami Yesu, kandi ntumurekure. Shikama kandi ukomere mu byo wizera. Emerera ukuri kw'Ijambo ry'Imana kukuyobore ku kwegurira umutima wawe, intekerezo zawe, ubugingo bwawe n'imbaraga zawe gukora ibyo ishaka. Shikama utagamburura ku ijambo rivuga ngo, “Ni ko Uwiteka avuga.” Reka igisubizo cyawe rukumbi kube iki ngo: “Byanditswe ngo.” Uko ni ko tugomba kurwanira ukwizera kwahawe abera rimwe risa. Bene uko kwizera ntikwigeze gutakaza agace na gato ko kwera kwako nubwo abanzi bakurwanya bashobora gutekereza ko ari uko gushidikanywaho.

Abantu bakurikiza intekerezo zabo bwite kandi bakanyura mu nzira bihitiyemo, amaherezo bazagira imico mibi. Inyigisho z'ubupfapfa n'amarangamutima yuje uburyarya bizazanwa mu nyigisho zisa nk'aho ari ukuri bigamiye kuyobya n'intore niba bishoboka. Mbese abizera b'Itorero baba bari kubaka kuri Rutare? Umugaru uraje, ni umugaru uzagerageza kwizera k'umuntu wese. Abizera bakwiriye guhera nonaha bagashinga imizi muri Kristo, nibitaba bityo bazatembanwa n'inyigisho zimwe z'ubuyobe. Nimureke ukwizera kwanyu gushimangirwe n'Ijambo ry'Imana. Gundira ibihamya bizima by'ukuri. Izere ko Kristo ari Umukiza wawe bwite. Yabaye Rutare rwacu rw'iteka ryose kandi ni ko azahora. Ibihamya by'Umwuka w'Imana ni iby'ukuri. Wihindura kwizera kwawe kubera inyigisho runaka uko zaba zigaragara ko zishimishije kose kuko zizayobya ubugingo bwawe.

Ubu inyigisho z'ibinyoma za Satani ziragenda ziyongeranya, kandi abantu bateshuka inzira y'ukuri bazayoberwa icyerekezo cy'aho bagana. Kubera ko badafite ikibatsika bishingikirijeho, bazateraganwa bava mu buyobe bumwe bajya mu bundi, bakozwe hirya no hino n'imiyaga y'inyigisho z'inzaduka. Satani yamanukiye isi afite imbaraga nyinshi. Abantu benshi bazayobya n'ibitangaza Satani akora...

Ndasaba umuntu wese kugira ngo abe asobanukiwe neza kandi ashikamye mu by'ukuri twumvise tukakwemera kandi tukaba

twarakwamamaje. Amagambo yo mu Ijambo ry'Imana arasobanutse neza. Nimushinge ibirenge byanyu ku rufatiro rw'ukuri kw'iteka. Nimuzibukire inyigisho zose z'ibinyoma nubwo zaba zitwikirijwe igisa n'ukuri.⁷⁷⁸

Kurenga Imbibi za Bibiliya: Abantu benshi bazi bike cyane muri Bibiliya zabo ku buryo usanga badashikamye mu kwizera. Bakuraho imbago za kera maze ibihimbano n'imiyaga y'inyigisho bikabakoza hirya no hino. Ibyiswe ubuhanga buhanitse (siyansi) kandi atari bwo, biragenda bisenya urufatiro rw'amahame ya gikristo; maze abantu bari basanzwe mu kwizera bagatandukira imbibi za Bibiliya, bakitandukanya n'Imana nyamara bagakomeza kuvuga ko ari abana bayo.⁷⁷⁹

Amatsinda Mashya y'Abiyita Abizera: Itorero rikeneye gukanguka kugira ngo risobanukirwe n'imbaraga z'ingabo za Satani zikora mu ibanga rigomba guhangana nazo. Abagize itorero nibaramuka bakomeje kwambara intwari zose, ni bwo bazashobora kunesha abanzi bese bazahura na bo, kandi bamwe muri bo ntibarahaguruka.

Uko tugenda turushaho kwegera iherezo ry'ibihe, amatsinda yishyize hamwe azarushaho kwiyoungera. Ayo matsinda azifatanyiriza gukora umutwe urwanya ukuri, akore ibice bishya by'abiyita abizera bazashyira mu bikorwa inyigisho zabo ziyobya. icyo gihe ubuhakanyi buziyongera. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Mu bihe bizaza, bamwe bazagwa bawe mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni." (1Tim.4.1). Abagabo n'abagore bishyiriye hamwe kurwanya Umwami Imana yo mu ijuru, kandi ikibabaje ni uko itorero rikangutse by'igice ku buryo ryamenya ibyo bintu. Mu bavuga ko bizera Imana hakwiriye kubaho gusenga biruseho, ndetse no gukorana umwete mwinshi.⁷⁸⁰

Akaga Gaterwa no Kutamenya Amateka Yacu y'Igihe Cyashize: Ubunararibonye bwose bw'ukuri mu byerekeye inyigisho z'idini buzaba buriho ikimenyetso cy'Uwiteka. Abizera bese bakwiriye kubona ko ari ngombwa ko basobanukirwa n'ukuri buri muntu ku giti cye. Tugomba gusobanukirwa n'inyigisho twigishijwe mu buryo bwitondewe kandi dusenga. Neretswe yuko mu bantu bacu harimo benshi badafite icyo bazi ku byerekeye uko ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwahagurutse n'iterambere ryabwo. Hariho ubukene bukomeye bwo gushakashaka mu gitabo cya Daniyeli no mu Byahishuwe maze abantu bakabyiga bitonze kugira ngo bamenye ibyanditswemo.

Umucyo nahawe wari ufite imbaraga nyinshi ku buryo abantu benshi bashoboraga gusohoka bakava muri twe, bakita ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni. Uwiteka ashaka ko umuntu wese uvuga ko yizera ukuri yamenya neza agasobanukirwa icyo ukuri ari cyo. Abahanuzi b'ibinyoma bazaduka kandi bazayobya benshi. Ikintu cyose kigomba kunyeganyezwa kizanyeganyezwa. None se ntimwumva impamvu ari ngombwa ko buri muntu

778 *Review and Herald, Aug. 31, 1905. Urwibutso n'Integuza.*

779 *Review and Herald, Dec. 29, 1896. [Urwibutso n'Integuza].*

780 *Review and Herald, Aug. 5, 1909. [Urwibutso n'Integuza.]*

asobanukirwa n'impamvu zo kwizera kwacu? Mu cyimbo cyo kugira ibibwirizwa byinshi, hakwiriye kubaho gucukumbura byimbitse mu ijambo ry'Imana, abantu bakarambura Ibyanditswe maze bakareba umurongo ku murongo, maze bagashaka ibihamya bikomeye bishyigikira amahame shingiro yatugejeje aho duhagaze ubu ari ho ku rufatiro k'ukuri kw'iteka ryose.

Umutima wanjye ubabazwa cyane no kubona uburyo abantu bamwe bakiriye umucyo n'ukuri bazemera ibinyoma bya Satani mu buryo bworoshye, maze bakururwe n'ukwera k'ukwiganano. Igihe abantu batandukiriye bakarenga imbibi Uwitaka yashyizeho kugira ngo dusobanukirwe aho duhagaze nk'uko hagaragajwe mu buhanuzi, baba baja iyo batazi.⁷⁸¹

Ibinyoma Byigishwa mu Buryo Bureshyashya: Inyigisho z'ibinyoma, ubutungane no kwizera by'ibyiganano, ndetse byinshi bigaragara ko bitunganye byabaye gikwira ahatuzengurutse hose. Hazaza abigisha bambaye nk'abamarayika b'umucyo; kandi bazayobya n'intore. niba bishoboka. Urubyiruko n'abasore bakeneye kwiga ibyo bashobora kumenya byose ku kuri niba badashaka kuzashukwa n'umwambaro w'ikinyoma Satani azahimba. Bakeneye kwibera mu mirasire y'umucyo wo gukiranuka kwa Kristo. Bakeneye gushora imizi no gushikama mu kuri, kugira ngo babashe kugeza ku bandi umucyo bahabwa.⁷⁸²

Akaga Gaterwa n'Idini Ishingiye ku Marangamutima: Nta mutekano ndetse nta n'inyungu abantu bacu babonera mu kwitabira amateraniro yabaye yamamaye yitwa ko yejeje. Nimutyo ahubwo ducukumbure mu Byanditswe Byera twitonze kandi dusenga dushyizeho umwete, kugira ngo tubashe gusobanukirwa n'urufatiro rwo kwizera kwacu. Ubwo ni bwo tutazagwa mu gishuko cyo kwivanga n'abarwanya amategeko y'Imana.

Ntidukwiriye kugira idini ishingiyeye ku marangamutima, idashoye imizi mu kuri. Inyigisho zishikamye zerekeye impamvu zo kwizera kwacu ni zo zigomba guhabwa abantu. Bagomba kwigishwa ku rwego ruhanitse rurenze urwo bigeze bageraho, bakamenyeshwa amahame ya Bibiliya, ariko cyane cyane bakamenya inyigisho zishyizwe mu bikorwa Yesu yigishije abigishwa be. Abizera bakwiriye kumvishwa neza uburyo bakeneye cyane kumenya Bibiliya. Hagomba kubaho umwete udacogora kugira ngo ingingo zihamye zigize ukuri zishimangirwe mu bwenge bw'abantu bose. Ibyo ni ngombwa kubera ko umuntu wese azashungurwa kandi abantu bashoye imizi ndetse bakaba bashikamye mu murimo w'Imana batazakurwa mu byimbo n'inyigisho z'ubuyobe zizaduka mu mpande zose. Ariko niba hari abirengagiza kugira imyiteguro ikenewe, bazatembanwa n'ibinyoma bifite ishusho y'ukuri.⁷⁸³

Urudubi rwa Babuloni na Antikristo: Buri muntu wese muri twe afite inshingano yo kugendana n'Imana yicishije bugufi. Ntabwo dukwiriye

781 Undated Manuscript 148.

782 The Youth's instructor. [Umwigisha w'Abasore].

783 Gospel Workers p. 228-229, (1892).

gushaka ubundi butumwa ubwo ari bwo bwose bw'inzaduka kandi bushya. Ntitugomba gutekereza ko ubwoko bw'Imana bwatoranijwe buriho bugerageza kugendera mu mucyo ari bwo bugize Babuloni. Amatorero yaguye ni yo Babuloni. Babuloni yagiye ishyigikira inyigisho ziroga abantu, ari zo nzoga z'ubuyobe. Iyi nzoga y'ubuyobe yenzwe mu nyigisho z'ibinyoma. Muri zo twavuga: Ukudapfa k'ubugingo, kubabazwa iteka ryose kw'inkozi z'ibibi, inyigisho zihakana ko Kristo yariho na mbere y'uko avukira i Betelehemu, ndetse no gushyigikira no gukuza umunsi wa mbere w'icyumweru ukarutishwa umunsi wera w'Imana. Izo nyigisho z'ibinyoma n'izindi zifitanye isano nazo zigishwa abatuye isi n'amatorero atari amwe. . . .

Abamarayika bacumuye bazifatanya n'abanyabyaha ku isi. Muri iki gihe, antikristo azaza yigize nka Kristo nyawe, kandi ubwo ni bwo amategako y'Imana azahindurwa ubusa mu bihugu bigize iyi si yacu. Kwigomeka ku mategeko yera y'Imana bizaba byeze rwose. Ariko umuyobozi nyakuri w'ubu bwigomeke ni Satani uzaba yambaye nka marayika w'umucyo. Abantu bazashukika maze bahe Satani ikuzo bamushyire mu mwanya w'Imana ndetse bamugire imana.⁷⁸⁴

Abizera Bakwiriye Gukomeza Gucukumbura mu Byanditswe Byera: Ntabwo gusoma Bibiliya byonyine bihagije, ahubwo Ijambo ry'Imana rigomba kwinjira mu mitima yacu no mu ntekerezo zacu kugira ngo tubashe gushikama mu kuri kwahawe umugisha. Nitwirengagiza kwishakashakira mu Byanditswe twe ubwacu kugira ngo twimenyere ukuri icyo ari cyo, nituramuka tuyobejwe ni twe bizabarwaho. Dukwiriye gushakashaka mu Byanditswe twitonze kugira ngo tumenye ibyo Imana idusaba; kandi niba tudafite ubwenge bwagutse, dushobora guhinduka abantu b'ibihangange mu kumenya Ibyanditswe igihe ducukumbuye Ijambo ry'Imana tubyitondeye, kandi dushobora no kubosobanurira n'abandi.⁷⁸⁵

Ibitabo byacu bifasha mu gukomeza abizera bashya: Abantu benshi bazava mu byizerwa maze bumvire imyuka iyobya. Ibi bitabo bibiri ari byo: *Abakurambere n'Abahanuzi n'Intambara Ikomeye* ni ibitabo by'umwihariko byagenewe abizera bashya kugira ngo babashe gushikama mu kwizera. Muri ibyo bitabo hagaragazwamo akaga amatorero agomba kwirinda. Abantu bimenyereza neza inyigisho ziboneka muri ibyo bitabo byombi, bazabona akaga kari imbere yabo, kandi bazabasha gusobanukirwa neza inzira nziza igororotse bakwiriye kunyuramo. Bazarindwa kugendera mu nzira zidasanzwe z'inzaduka. Biriya bitabo bizabacira inzira igororotse bazanyuramo, kugira ngo n'abaremaye be guteshurwa inzira.

Mu bitabo: *Uwifuzwa Ibihe Byose, Abakurambere n'Abahanuzi, Intambara Ikomeye na Daniyeli n'Ibyahishuwe* harimo inyigisho z'agaciro

⁷⁸⁴ *Review and Herald*, Sept. 12, 1893, [Urwibutso n'Integuza].

⁷⁸⁵ *Review and Herald*, April 3, 1888. [Urwibutso n'Integuza].

kenshi. Ibi bitabo bikwiriye gufatwa ko bifite umumaro wihariye, kandi hakwiriye gukoreshwa umuhati wose kugira bigezwe ku bantu.⁷⁸⁶

Gushyira mu Gaciro mu Bikorerwa Abizera Bashya: Guhubuka no gukora ibitatekerejweho bikomoka ku kubura ubwenge bwo gushyira mu gaciro, kandi bijyana umuntu ku gukora nabi. Ariko ikintu gikwiriye kubabaza cyane kurusha ibindi byose ni uko abantu bahindutse vuba bazababazwa n'iyi mikorere, kandi n'icyizere bari bafitiye umurimo w'Imana kigahungabana. Nimutyo dusenge kugira ngo igihe cyo gukora nikigera tuzabe twiteguye.⁷⁸⁷

KUGARURA ABASUBIYE INYUMA

Kwirinda Ubuhakanyi: Hakwiriye gukoreshwa ubwitonzi n'ubushishozi mu kwigisha abahindutse vuba. Abahindutse vuba ntibakwiriye gusigwa bonyine ngo bayobywe n'inyigisho z'ibinyoma kandi ngo bagendere mu nzira zitari zo. Mureke abarinzi bahore bari maso, nibitaba bityo abantu bazagushwa ikinya n'amagambo aryohereye n'imvugo inoze ariko irangwamo ibitekerezo bitimbitse. Ibyo Kristo yategetse byose mubyigishe nk'uko biri. Umuntu wese wakiriye Kristo akwiriye kwigishwa kugira icyo akora mu murimo ukomeye ugomba kurangizwa muri iyi si.⁷⁸⁸

Impamvu Ituma Abizera Bashya Basubira Inyuma: Abizera bakiri bashya baba bakeneye kwigishwa ukuri kw'Ijambo ry'Imana bakakumenya kandi kukabacengera. Ubwo bumenyi buhamye bushobora kugerwaho binyuze gusa mu gukora udukebakaba no kwiga ubutarambirwa. Nk'uko bizwi, abantu bayoboka ukuri tubwiriza usanga batarigeze baba abigishwa b'abanyamwete b'Ibyanditswe Byera; kubera ko mu madini akunzwe cyane n'agezweho biga Ijambo ry'Imana gake cyane. Usanga abantu bahanga amaso abapasitoro babo ngo abe ari bo babigira Ibyanditswe kandi banabibasobanurire.

Abantu benshi bemera ukuri ariko bataragucukumbura mu buryo bwimbitse ngo basobanukirwe amahame shingiro yako. Bityo, igihe ukuri kurwanyijwe, bibagirwa ingingo ndetse n'ibihamya bigushyigikira. Barayobowe kugeza ubwo bizera ukuri, ariko ntibigishijwe bihagije ngo bamenye ukuri icyo ari cyo, cyangwa ngo bigishwe bava ku ngingo imwe bajya ku yindi mu byerekeye kumenya Kristo. Akenshi ubutungane bwabo bugenda buhinduka ubw'umuhango gusa, kandi iyo batakibasha kumva irarika nk'iryabakunguye batangira gupfa mu by'umwuka.⁷⁸⁹

Uko Wafata Abasubiye Inyuma: Abantu boherejwe n'Imana kujya gukora umurimo udasanze, bizaba ngombwa bacyahe ubuyobe n'ibinyoma. Bakwiriye kugaragariza abantu bose umutima w'ubugwaneza buvugwa na Bibiliya, bakigisha ukuri nk'uko kuri muri Kristo Yesu. Abantu

⁷⁸⁶ Letter 229, 1903.

⁷⁸⁷ Letter 16, 1907.

⁷⁸⁸ Letter 279, 1905.

⁷⁸⁹ Gospel Workers, p. 368. (1915).

bamwe bazarangwa n'umwete n'ishyaka mu kurwanya no kwanga ukuri; ariko nubwo ibinyoma byabo bigomba gushyirwa ahagaragara nta gukebakeba kandi imigirire mibi yabo nayo igacirwaho iteka, icyo gihe muzaba mukwiriye kurangwa no kwiyoroshya imbere yabo, kubihanganira no kwifata. "Ababagisha impaka, mubagirire impuhwe, abandi mubakirishe ubwoba, mubahubuje mu muriro, mwanga ndetse n'umwenda utewe ibizinga n'umubiri." Yuda 1:22.

Itorerero rishobora guhamagarirwa guheza abinangira bakanga gukosorwa. Iyi aba ari inshingano ibabaje iba igomba gukorwa. Iyi ntambwe ni intabwe ibabaje cyane, kandi ntikwiriye guterwa igihe izindi nzira zose zo gukosora no gukiza umuntu uri mu buyobe zananiranye.

Ntabwo Kristo yigeze ashyigikira amahoro ashingiye ku kugoragoza hagati y'icyiza n'ikibi. Imitima y'abagaragu b'Imana izasendera urukundo n'impuhwe bagirira abari mu buyobe nk'uko bigaragazwa n'umugani w'intama yazimiye; ariko ntibazigera bavuga amagambo aryohereye agambiriye koroshya icyaha. Ahubwo bagaragaza ubucuti nyakuri bucya ibinyoma n'icyaha nta kubogama ndetse nta n'uburyarya. Yesu yabaye hagati y'igisekuru cy'abanyabyaha n'abagome. Nta buryo yari kubana amahoro n'ab'isi, keretse gusa iyo agambirira kubasiga atababuriye cyangwa atabacyashye; kandi iyo aza kubigenza atyo, yari kuba anyuranyije n'umugambi w'agakiza.⁷⁹⁰

Uko Wakwitwara ku Bibi Ukoresheje Uburyo bw'Imana. Imana ntishimishwa n'umurimo urangwa n'ubute ukorwa mu matorero. Imana yiteze ko ibisonga byayo biba abanyakuri kandi bagakiranuka mu gikorwa cyo gucyaha no gukosora. Ibisonga by'Imana bikwiriye kwamagana ikibi bikurikije itegeko Imana yatanze mu Ijambo ryayo. Ntibakwiriye gukurikiza ibitekerezo byabo bwite n'amarangamutima yabo. Nta buryo burangwamo gusharira bukwiriye gukoreshwa, kandi nta murimo uhubukiwe kandi ushingiye ku kudatekereza ukwiriye gukorwa. Imbaraga zikoreshwa mu kuvana ikibi mu itorerero no kuriboneza zigomba gukoreshwa mu buryo Imana yashyizeho. Nta kubogama cyangwa uburyarya bigomba kubaho. Ntihakwiriye kubaho abatoneshwa, abo ibyaha byabo bifatwa ko byoroheje ugereranyije n'iby'abandi. Mbega ukuntu twese dukeneye umubatizo w'Umwuka Wera! Nitubatizwa n'Umwuka, iteka tuzakorana umutima wari muri Kristo, dufite ubugwaneza, kwihangana, imbabazi n'impuhwe, tugaragariza umunyabyaha ko tumukunda ariko kandi twanga n'icyaha urunuka.⁷⁹¹

Uko Pawulo Yakosoraga Ibibi: Amakimbirane mu bizera ntakwiriye kubaho kuko anyuranyije na gahunda y'Imana. Amakimbirane ni umusaruro ukomoka ku kwigaragaza kw'imico y'umutima wa kamere. Abantu bose bazana kwica gahunda n'amacakubiri barabwirwa aya magambo y'intumwa Pawulo aho yagize ati: "Bene Data, sinabashije kuvugana namwe nk'uvugana

⁷⁹⁰ Letter 12., 1890.

⁷⁹¹ Manuscript 8a, 1888.

n'ab'Umwuka, ahubwo navuganye namwe nk'uvugana n'aba kamere cyangwa abana b'impinja bo muri Kristo. Nabaramije amata, sinabagaburiye ibyokurya bikomeye, kuko mwari mutarabibasha. Kandi na none ntimurabibasha." (1 Korinto 3:1-2). Ahangaha Pawulo arabwira abantu bari bafite iterambere ridahuje rwose ugereranyije n'amahirwe n'imigisha bari bafite. Bagombaga kuba bashobora kumva amagambo yeruye aturuka mu Ijambo ry'Imana, ariko bari bari ku rwego nk'urwo abigishwa bariho igihe Kristo yababwiraga ati: "Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntumushobora kubyihanganira." (Yohana 16:12). Bagombaga kuba bageze kure mu bumenyi mu by'umwuka, bashobora gusobanukirwa no gushyira mu bikorwa ukuri guhanitse ko mu Ijambo ry'Imana; ariko bari batarezwa. Bari baribagiwe ko bagomba gukizwa kamere barazwe na ba sekuruza kandi nabo ubwabo bakaba bari barayikujije ikarushaho kuba mbi, ndetse ko batagomba kwizirika ku mico ya kamere.

Ntibyari gushoboka ko intumwa Pawulo acyaha ibibi byakorwaga adatonetse abantu bamwe bavugaga ko bizera ukuri. Ibihamya byahumetswe nta cyiza byari kuzanira bene abo bantu; kuko bari baratakaje ubushobozi bwabo mu by'umwuka. Ishyari, gukeka ibibi ku bandi no kushinjanya byari byarakinze urugi bituma Umwuka Wera adakorera muri bo. Pawulo yari gushimishwa cyane no gutinda ku kubigisha ukuri guhanitse cyane, kukaba kwari ukuri gukungahaye ku byabakuza mu by'umwuka, ariko inyigisho ze zari kwahuranya zikavuga ku kuntu babogamira ku ishyari, bityo rero inyigisho ze ntizari kwakirwa. Ubwiru bw'Imana bwerekeye kubaha Imana bwajyaga kubashobora gusobanukirwa ukuri bari bakeneye icyo gihe ntibwashoboraga kuvugwa. Ni cyo cyatumye Pawulo yaragombaga gutoranya inyigisho zoroshye nk'amata, izo bashoboraga kwakira ntizibagwe nabi. Ntiyashoboraga kuvuga ukuri gufite agaciro kimitse bitewe n'uko abari bamuteze amatwi bari kugukoresha nabi ndetse bakakugoreka, bakakubwira abihannye bashyashya babaga bakeneye kumva ukuri korosheje ko mu Ijambo ry'Imana

Abakristo basabwa kurangwa n'ukwera imbere y'Imana kandi uko kwera bakubonera muri Kristo. Niba mu itorero hari ibibi cyangwa ibitagenda neza, bikwiriye kwitabwaho mu maguru mashya. Bamwe mu babikoze bashobora gucyahwa bikomeye. Ntabwo ibi ari ukugirira nabi abakoze nabi. Umuganga w'ubugingo ukiranuka avura indwara atayinoneye akimbika akayirandura mu bugingo ku buryo nta rubuto rw'urupfu rusigara byatuma rushibuka. Iyo umuntu amaze gucyahwa, hakurikiraho kwihana no kwatura, bityo Imana igaherako ibabarira uwo muntu kandi ikamukiza nta kiguzi. Igihe cyose umuntu yatuye icyaha, iramubabarira.⁷⁹²

Ba Gashozantambara Muri Siyoni: Mu matorero yacu harimo abantu bavugaga ko bizera ukuri ariko bakaba nta kindi bari cyo uretse kuba imbogamizi gusa mu murimo w'ivugurura cyangwa ubugorozi. Ni intaza ku nziga z'igare ry'agakiza. Iri tsinda ry'abantu akenshi rihora mu igenzura.

⁷⁹² *Review and Herald*, Dec. 11, 1900. [Urwibutso n'Integuza].

Ugushidikanya, ishyari n'urwikekwe ni zo mbuto z'ubwikanyize, kandi iyo urebye usanga izo mbuto zisa n'izisobetse muri kamere yabo. Abagize iri tsinda nabita abanyetorero barwaye indwara idakira yo kwitotomba. Bangiza ibintu byinshi mu itorero ku buryo n'abapasitoro babiri bitaborohera kubisubiza mu buryo. Ni icyasha ku itorero kandi ni umutwaro uremereye cyane abagabura bakorera Kristo. Bibera mu buzima burangwa no gushidikanya, ishyari no kuzimura. Abahagarariye Kristo basabwa gukoresha igihe kinini ndetse bagakora n'umurimo utoroshye kugira ngo basenye umurimo mubi bene abo bantu bakora, kandi bagarure kumvikana n'ubumwe mu itorero. Gukora ibi bitwara abagaragu b'Imana umwete ndetse n'imbaraga, kandi bigatuma badashobora gukora umurimo Imana ishaka ko bakora wo gukiza abari bari mu irimbukiro. Imana izagororera abo ba gashozantambara bo muri Siyoni ikurikije ibyo bakoze.

Abagabura bakorera Kristo bakwiriye guhagarara mu byimbo byabo, kandi mu murimo wabo ntibazitirwe n'abo bakozi ba Satani. Hazaboneka abantu benshi nk'abo babaza ibibazo, bajya impaka z'ubusa kandi banenga kugira ngo abagabura bashyizweho n'Imana nibemera guteshuka ku murimo ukomeye wo kugeza ku batuye isi ubutumwa buheruka bw'imbuze, bazakomeze guhora bahugiranye. Niba itorero ridafite imbaraga ngo rishobore guhangana n'intekerezo zitejeje kandi n'umwuka wo kwigomeka by'abo bahora bitotomba muri ryo, ibyiza ni ukureka itorero n'abo bijujuta bakarohamira icyarimwe aho gutakaza amahirwe yo gukiza abantu amagana menshi bari kurema amatorero meza kurushaho, kandi bafite ibibagaragara byerekana ko bifitemo ubushobozi, ubumwe n'imbaraga.

Uburyo burushijeho kuba bwiza bubereye ababwirizabutumwa n'amatorero ni ukureka iri tsinda ry'abaneguranyi n'abariganya bakisubirira mu byabo, maze noneho tukajya kure y'umworo, tukanaga urushundura rw'ubutumwa bwiza hasi kure mu mazi tukaroba ifi zishobora kwishyura ibyakozwe mu murimo zakorewe. Satani ashimishwa cyane no kubona abagabo n'abagore bakira ukuri ari ba bantu basanzwe banegurana kandi akaba ari ba bandi bazakora uko bashoboye kose bagakwiza umwijima n'intaza byo kubangamira iterambere ry'umurimo w'Imana. Muri iki gihe cy'ingenzi cyo gukora umurimo, ntabwo ababwirizabutumwa cyangwa abapasitoro bakwiriye guhugira mu gushyigikira abagabo n'abagore basobanukiwe ukuri kandi bigeze kumva imbaraga yako ibakorera. Ahubwo bakwiriye gukomeza Abakristo bacyizera bakabomatanya na Kristo we ushoboye kubakomeza no kubarinda bityo bakabaho bazira ikizinga kugeza ubwo azaza, ari na ko bakomeza kujya mu turere dushya tw'umurimo w'Imana.⁷⁹³

KONGERA KUBATIZWA

Igihe Umubatizo Wabanje Udahagije: Muri iyi minsi hari bantu benshi bishe rimwe mu mahame y'amategeko y'Imana ariko bidaturutse ku bushake bwabo. Iyo ubwenge bumaze kumurikirwa, kandi ibyo dusabwa

793 *The True Missionary*, February, 1874.

n'itegeko rya kane bikinjira mu mutimanama, barireba bagasanga ari abanyabyaha mu maso y'Imana. "Icyaha ni ukwica amategeko" kandi "umuntu wese witondera amategeko yose, agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose." Yakobo 2:10.

Umuntu ushakashaka ukuri akiranuka nta rwitwazo azabona rwo kwica amategeko avuga ko atayazi. Umucyo waramurasiye. Ijambo ry'Imana rirasobanutse neza, kandi Kristo yamutegetse kurondora mu Byanditswe. Uyu muntu yubaha amategeko y'Imama kuko ari ayera, akiranuka kandi ari meza, kandi yihana ibicumuro bye. Kubwo kwizera, atakamba kubw'amaraso ya Kristo yeza ibyaha maze akakira isezerano ryo kubabarirwa. Icyo gihe yumva umubatizo yigeze kubatizwa utamunyuze. Aba yarirebye agasanga ari umunyabyaha uciriweho iteka n'amategeko y'Imana. Yumva yongeye gupfa ku cyaha maze akifuza kongera guhambanwa na Kristo mu mubatizo, kugira ngo azukire kugendera mu bugingo bushya. Bene iyi migirire ihuje rwose n'urugero Pawulo yatanze ubwo yabatizaga Abayuda bari bihannye. Icyo gikorwa cyanditswe na Mwuka Wera ngo kube isomo ntangarugero ku itorerwa.⁷⁹⁴

Kongera Kubatizwa Ntibikwiriye Kugirwa Ikibazo cyo Gushungura Abizera Bashya: Ingingo yo kongera kubatizwa ikwiriye gusuzumanwa ubwitonzi. Iyo ukuri kwerekeye Isabato kumaze kuvugwa kandi hakavugwa n'izindi ngingo z'ingenzi zerekeye kwizera kwacu, maze abantu bakagaragaza ubwuzu n'ubutwari bwo gufata icyemezo cyo gukurikira ukuri, niba bahindutse rwose by'ukuri, iyi ngingo yo kongera kubatizwa bazayirebera mu mucyo wa Bibiliya. Ariko ku bantu bamwe na bamwe, ibibazo nk'ibi ntibabyitwayemo neza, kandi Imana yagiye iboherereza amagambo yo kubacyaha kenshi ku byerekeye iyi ngingo. Abantu bashyira ku ruhembe rw'imbere ikibazo cyo kongera kubatizwa, bakagishyira ku rwego rumwe n'Isabato, ntabwo baba basiga isura nziza mu ntekerezo z'abantu kandi n'iyi ngingo yo kongera kubatizwa ubwayo ntibayigaragaza uko bikwiriye. Kuzana ukuri kwinshi gufitanye isano maze ukakujyaniranya n'Isabato, ugakwiriranya Ijambo ry'Imana uko bikwiriye kandi ugaha buri muntu wese umugabane we mu gihe gikwiriye, bisaba ubwenge bwinshi bwo kumenya kurondora ibintu.

Abantu batwaye umusaraba w'Isabato bari ku rugamba rukomeye rwo kurwanya inariye n'ubwikanyize bishobora kwitambika hagati y'imitima yabo n'Imana. Bityo rero, iyo bamaze gutera iyo ntambwe ikomeye kandi ibirenge byabo bikaba bimaze guhagarara ku ruhimbi rw'ukuri kuzahoraho iteka ryose, baba bakwiriye kugira igihe cyo kwimenyereza iyo ntera nshya bagiyemo, bityo ntibajyanwe hutihuti ku kibazo kirebana no kongera kubatizwa.

Iyi ni ingingo umuntu wese akwiriye gufata uruhande ahagararamo yigengesereye afite kubaha Imana. Iyi nyigisho ikwiriye kubwirwa abantu mu bushishozi n'umwuka w'ubugwaneza n'urukundo. Bityo rero, umurimo

⁷⁹⁴ *Sketches From the Life of Paul*, p. 133. (1883).

wo gushishikariza umuntu gufata icyemezo si uw'umuntu runaka ahubwo ni uw'Imana. Nimuhe Imana amahirwe yo gukorana n'Umwuka wayo Wera agire icyo akora ku ntekerezo z'abantu, kugira ngo ku byerekeye gutera iyi ntambwe yisumbuye umuntu yemezwe rwose kandi abe anyuzwe. Ku byerekeye iyi ngingo, umwuka w'intambara n'impaka ntukwiriye kwemererwa kwinjira no kuganza. Ntugafate umurimo w'Imana ngo uwukurire mu biganza byayo kuwugira uwawe. Abantu biyemeje gukurikiza amategeko y'Imana babikuye ku mutima, bazemera ukuri kose kw'ingenzi nibaramuka bafashwe nk'uko bikwiriye. Ariko rero gukorana n'intekerezo z'abantu bisaba ubwenge. Abantu bamwe bizabatwara igihe kirekire ugereranyije n'abandi kugira ngo babone kandi basobanukirwe ukuri kumwe gufitanye isano, kandi by'umwihariko ibi ni ko bizagenda ku birebana n'ingingo yo kongera kubatizwa. Ariko hari ikiganza cy'Imana kibayoboye. Hari umwuka w'Imana ukora ku mitima yabo, bityo ni bwo bazamenya icyo bagomba gukora kandi bazagikora.

Mureke he kugira umuntu n'umwe muri bene Data bakunze kugira ishyaka ryinshi ukabya ku byerekeye iyi ngingo. Bazajya mu kaga ko kwitambika imbere y'Uwiteka no kuzana ibipimo ku bandi Uwiteka atigeze abategeka kuzana. Nta muntu n'umwe mu bigisha bacu wahawe umurimo wo guhatira umuntu uwo ari we wese kongera kubatizwa. Umurimo w'abo bigisha ni uwo gushyira imbere y'abantu amahame akomeye y'ukuri kwa Bibiliya, ariko by'umwihariko kuri iyi ngingo yo kongera kubatizwa. Nimureke Imana ikore umurimo wo kwemeza umutima n'intekerezo.

Umuntu wese w'umunyakuri wemera Isabato yo mu itegeko rya kane azumva neza kandi asobanukirwe inshingano ye ku gihe. Ariko ku bandi bazajya bibasaba igihe kirekire. Ntabwo [ingingo yo kongera kubatizwa] ari ingingo ikwiriye guhatirwa abantu bashya bayobotse ukuri, ahubwo ubwayo izakora nk'umusemburo. Urwo rugendo ruzaba rwitonze kandi rukorwa bucece, ariko rusohoze umurimo warwo mu gihe bene Data b'abagabura batazakora hutihuti kandi ngo bakome mu nkokora umugambi w'Imana.

Abantu bamaze igihe kirerekire bumva iby'Isabato babona ko yumvikana neza kandi bagatekereza ko n'abandi bakwiriye kuyibona batyo. Ntibatekereza ko ku bantu bamwe bashya baba bayobotse ukwizera iyi ngingo y'Isabato iba isa rwose no kuzinukwa imibereho y'iby'idini yose bigeze kunyuramo. Ariko igihe kizagera maze iyo ngingo bayibone mu buryo butandukanye n'ubwo. Uko ukuri kuzajya kurushaho gusobanukira intekerezo zabo, ni ko bazajya babona intambwe zisumbyeho bagomba gutera; umucyo mushya uzamurika mu nzira bacamo; kandi Umwuka w'Imana uzakorera mu ntekerezo zabo, nihatagira abantu babyitambikamo ngo bashake kubayobora ahandi batekereza ko ari ukuri.

Ubu ndagira ngo byumvikane neza, uko ibihe byagiye biha ibindi mu byo twanyuzemo, Imana yampaye ibihamya by'umuburo bene Data bakwiriye kwitondera ku byerekeye ukuntu bafata iyi ngingo yo kongera

kubatizwa. Neretswe ko mwene Data mwiza witwa ----- n'abandi benshi bo mu babwirizabutumwa bacu, bakoraga amakosa hato na hato mu mikorere yabo bashyira imbere ingingo yo kongera kubatizwa kandi bayigira igipimo. Uku si ko iyi ngingo yagombye gufatwa. Ahubwo ni ingingo ikwiriye gufatwa ko ari amahirwe akomeye ndetse n'umugisha, kandi abantu bose bongeye kubatizwa basobanukiwe neza n'iyi ngingo, nabo bazabona ko ari amahirwe n'umugisha bagize. Abo bene Data nkunda ntibatwaye neza abantu bashya bahindutse vuba ngo babagenze buhoro buhoro, intambwe ku ntambwe, bityo umusaruro wavuyemo ni uko bamwe bateshuwe mu kuri kandi igihe gito cyane no kubitaho mu mwuka w'ubugwaneza no kwitonda byagombye kuba byarabujije izo ngaruka mbi bene ako kageni kubaho.⁷⁹⁵

Kongera Kwihana no Kongera Kubatizwa kw'Abadiventisti w'Umunsi wa Karindwi. Uwiteka arahamagarira abantu ivugurura rimaramaje. Kandi igihe ubugingo bw'umuntu bwongeye guhinduka by'ukuri, nimumureke yongere abatizwe. Nimumureke avugurure isezerano yari yaragiranye n'Imana, kandi Imana nayo izavugurura isezerano yagiranye na we.... Kongera guhinduka bikwiriye kuba mu bizera, kugira ngo nk'abahamya b'Imana babashe guhamya imbaraga ikomeye y'ukuri yeza ubugingo.⁷⁹⁶

KUBAKA INSENGERO

Inzibutso zerekana ukuri: Igihe ubutumwa bubwirijwe mu mudugudu munini cyangwa umujyi maze hakaboneka ubwuzu bwo gukurikira ukuri, abo bantu bagaragaje ubwuzu bakwiriye gukomeza kwitabwaho. Aho hantu hakwiriye gutunganywa cyane kugeza ubwo hazamuwe inzu nziza yo gusengeramo ikaba ikimenyetso, cyangwa se urwibutso rw'Isabato y'Imana, kandi ikaba umucyo umurika hagati mu mwijima wo kwangirika mu mico mbonera. Bene izo nyubako z'inzibutso zikwiriye kubakwa ahantu henshi kugira ngo zihamirize abantu ukuri. Imana mu mbabazi zayo yateganiye ko intumwa zayo zizajyana ubutumwa bw'agakiza mu bihugu byose, mu ndimi zose no mu moko yose, kugeza ubwo ibendera ry'ukuri kwayo rizashingwa mu turere twose dutuwe n'abantu.⁷⁹⁷

Urusengero Rutuma Umurimo Ukomera: Ahantu hose habonetse itsinda ry'abizera, hakwiriye kubakwa inzu yo gusengeramo. Ntihakagire abakozi basiga aho hantu batabanje kurangiza umurimo wo kuhubaka urusengero.

Ahantu henshi habwirijwe ubutumwa maze hakaboneka abantu babwemera, usanga nta mikoro ahagije baba bafite, bityo bakabasha gukora ibintu bike cyane byazatuma haboneka ikintu kiharanga umurimo w'Imana. Akenshi ibi bituma kwagura umurimo aho hantu bikomera. Uko abantu barushako gushimishwa n'ukuri, ni ko abapasitoro n'abavugabutumwa, ndetse na bamwe mu bagize andi matorero bababwira ngo: "Aba bantu nta

⁷⁹⁵ Letter 56, 1886.

⁷⁹⁶ Letter 65, 1903.

⁷⁹⁷ Testimonies, Vol. 6, p. 100. (1900).

rusengero bafite, kandi nta hantu ho gusengera mufite. Muri itsinda rito, rigizwe n'abantu bakennye kandi batize amashuri afatika. Mu mwanya muto ababwirizabutumwa bazaba bigendeye, maze bwa bushyuhwe mwabonaga buhereko bushire. icyo gihe muzazibukira ibyo bitekerezo bishya byose mwari mwarakiriye.”

Mbese ntidutekereza ko ibi bizazanira ikigeragezo gikomeye abantu basobanukirwa n'impamvu yo kwizera kwacu kandi Umwuka w'Imana agatsinda imitima yabo akayemeza ukuri kw'iki gihe? Ni ngombwa guhora bivugwa ko hashobora kuboneka abantu benshi cyane bayoboka ukuri bitangiriye ku itsinda rito cyane. Nituramuka tugaragaje ubwenge, gushyira mu gaciro n'ubuhanga mu kubakira abantu bashishikarira kuyoboka ubwami bw'Umucunguzi wacu, tuzakora uko dushobora kose kugira ngo twizeze abantu ko umurimo wacu ushikamye. Ubuturo bwera buciriritse buzubakwa aho abantu bemera ukuri bashobora gusengera Imana bakurikije uko umutimanama wabo ubabwira.⁷⁹⁸

Kugira Ibibanza mu Muji: Mu muji wose aho ukuri kubwirizwa, hagomba kubakwa insengero. Mu mijyi minini imwe ho, insengero zigomba kubakwa mu duce dutandukanye tw'umuji. Ahantu hamwe na hamwe, bizaba ngombwa kuhagura inzu bidatanzeho amafaranga menshi zikororwamo inama maze zijye zikodeshwa ku giciro giciriritse.⁷⁹⁹

Inyubako Iciriritse Ariko Itari Muni y'Amazu Tubamo: Higeze kubaho ibihe byabaye ngombwa ko ubwoko bw'Imana buyisengera ahantu haciriritse cyane; ariko Uwituka Imana ntiyabavanyeho Umwuka wayo cyangwa ngo ireke kubana na bo kubw'iyi mpamvu. Inyubako nk'iyi ni yo ubwoko bwayo bwashoboraga kubona muri ibyo bihe, ariko niba bwarayisengaga mu mwuka no mu kuri, ntabwo Imana yigeze inenga cyangwa ngo icireho iteka umuhati babaga barakoresheje. Ariko Imana yaduhaye umugisha maze iduha amikoro, kandi ayo mikoro tuyakoresha turimbisha amazu yacu, tuyakoresha dushaka kwishimisha, no kwihesha icyubahiro. Ndababwira ko niba dushimishijwe no gukura Imana mu migambi tugira maze tugahitamo kuyisengera ahantu hagayitse ndetse hadakwiriye natwe ubwacu tutahitamo gutura habaye iwacu mu rugo; niba imigambi yacu y'ubwikanyize tuyigize nyambere maze Imana n'aho tuyisengera ikaza ku mwanya wa kabiri, ntabwo izadusukahaho umugisha wayo.⁸⁰⁰

Urusengero Rukeye, Rwiza Kandi Rutunganye ku Ishusho Yarwo: Nta tegeko Imana yaduhaye ry'uko tugomba kuzamura inyubako izaba irimbishijwe kandi ifite n'ubwiza nk'ubw'ingoro. Ariko tugomba kubaka urusengero ruciriritse, rukeye kandi rufite ishusho igaragara neza.

Kubw'ibyo rero, nimureke abafite amikoro babone ko bagomba gutangana umutima ukunze kandi bagatekereza inyubako nziza igihe

798 *Testimonies for the Church*, vol. 6, p. 100,101. (1900). [Ibihamya by'Itorero]

799 *Letter* 168, 1909.

800 *Manuscript* 23, 1886

bubaka inzu y'icyubahiro dukwiriye gusengeramo Imana nk'uko babigenje igihe bahitamo aho bazubaka amazu yabo bwite ndetse n'uko bazayarimbisha. Bakwiririye kugaragaza ubushake n'icyifuzo cyo kwerekana ko icyubahiro gikomeye bahaye Imana kiruta icyo bo ubwabo biha. Bakwiriye rero kubaka urusengero rwiza ariko bitari ukwaya. Mureke urwo rusengero rwubakwe uko bikwiriye kandi neza kugira ngo igihe barweguriye Imana ishobore kurwemera no kureka Umwuka wayo akaba ku bantu bayisenga, bakomeza guhanga amaso icyubahiro cyayo. Nta kintu na kimwe gikwiriye kwitambika hagati yacu n'ikuzo ry'Imana cyaba imigambi ishingiyeye ku narijye, intego n'imishinga irangwa n'ubwikanyize. Hagomba kubaho ubwumvikane hagati yabyo.⁸⁰¹

Inyubako Zikomeye: Abantu bamwe bashobora kwibaza bati: "Ni kuki iteka mushiki wacu White akoresha amagambo, "inyubako ikeye, nziza kandi ikomeye?" igihe avuga ku nyubako z'insengero? Biterwa n'uko nifuza ko inyubako zacu zajya zigaragaza gutungana Imana ishaka ku bwoko bwayo.

Ariko bamwe baravuga bati, "niba Umwami Yesu agiye kugaruka vuba, kuki duhihibikanya abubatsi bacu ngo bajye bubakisha ibikoresho bikomeye kandi byiza cyane mu nyubako zacu?" Mbese twahangara kwegurira Imana inzu yubakishijwe ibikoresho by'agaciro gake, kandi bidafatanyijwe neza ku buryo inzu ishobora kuzagurukanwa n'umuyaga ihereye mu musingi wayo? Twagombye gukorwa n'ikimwaro turamutse twubakishije inzu y'Uwiteka ibikoresho bigayitse bitagira agaciro. Kandi sinagira uwo ari we wese ngira inama yo kubakisha inzu ibikoresho bidafite agaciro. Iyo myubakire nta cyo yamugezaho. Hasi mu nzu zacu hakwiriye kuba hubakishijwe ibikoresho byiza bikomeye. Nubwo bitwara amikoro ajya kuba menshi, ariko amaherezo biraramba. Igisenge, ibizingiti by'inzugi n'amadirishya bigomba kuba bihura neza kandi biteranijwe neza. Kristo ni we cyitegerereze cyacu mu bintu byose. Yafatanyaga na se Yosefu umurimo w'ububaji, kandi ikintu cyose yabaje cyari gikozwe neza, ibice byacyo bitandukanye bihujwe neza ku buryo wasangaga icyo gikoresho cyose kitapfa kwangirika.

Ikintu ukora cyose, jya ugikora ukurikije amahame atunganye y'ukuri kandi jya ukoresha imbaraga zawe zose n'ubwenge bwawe bwose. Umurimo wawe ukwiriye kuwukora ukurikije igishushanyombonera nakwerekeye ku musozi. Bidatinze inyubako nyinshi zubatswe zizanyeganyezwa bikomeye.⁸⁰²

Abizera Bakwiriye Gufasha mu Nyubako: Igihe urusengero ruriho rwubakwa, abizera bakwiriye guhaguruka bakubaka. Nimutyo abizera bashyashya, bayobowe n'umupasitoro ukurikiza inama y'amabwirizabutumwa bagenzi be, bakwiriye gukoresha amaboko yabo bavuga bati: "Dukeneye urusengero kandi tugomba kurugira, ndetse buri wese azakora uko ashoboye kose afashe mu iyubakwa ryarwo ...

⁸⁰¹ Manuscript 25, 1886.

⁸⁰² Manuscript 127, 1901.

Nimutyo twereke abantu Kristo tubinyujije mu gukuza amajyambere mu byo dukora. Imana irahamagara abantu bose bavuga ko bakurikiye Yesu ngo bahurize imbaraga zabo mu gukora umurimo wayo. Nimureke ibi bikorwe maze vuba bidatinze tuzumve ijwi rwo gushima rigira riti, "Nimurebe ibyo Uwiteka yakoze."⁸⁰³

Inkunga y'Amafaranga Aturutse mu bo Tudahuje Kwizera: Twese dukeneye kuba maso bihagije, kugira ngo ubwo inzira zigikinguye, tubashe guteza imbere umurimo ugere mu mijyi minini. Turacyari inyuma cyane mu gukurikiza amabwiriza adusaba kwinjira mu mijyi no kuhubaka inzibutso zigaragaza Imana. Dukwiriye kugenda intambwe ku ntambwe tuyobora abantu mu mucyo w'itangaza w'ukuri. Dukwiriye gukomeza gukora kugeza ubwo itorero rihanzwe ahantu, kandi hakubakwa n'urusengero. Nizezwa cyane bikomeye n'uko hari abantu benshi tudasangiye kwizera bazafashisha ubutunzi bwabo uyu murimo mu buryo butangaje. Umucyo nahawe ni uw'uko hari ahantu henshi, cyane cyane mu mijyi ikomeye yo muri Amerika, bene abo bantu tudahuje kwizera bazatanga ubufasha.⁸⁰⁴

Amoko Atandukanye y'Inyubako: Insengero ziriho zirubakwa ahantu henshi hatandukanye, ariko si ngombwa ko zose zubakwa mu buryo bumwe. Imyubakire ishobora gutandukana bitewe n'aho urusengero rwubatswe.

Ku mwambaro wo mu gituzi w'umutambyi mukuru habagaho amabuye menshi, ariko buri buye ryabaga rifite umucyo ryihariye rimurika, maze uko gutandukana kw'iyi micyo kugafatanirizaga hamwe kongera ubwiza bw'uwo mwambaro. Buri buye ryabaga rifite icyo risobanuye cyihariye, rigatanga ubutumwa bwaryo bw'ingenzi buvuye ku Mana. Hariho amabuye menshi ariko yose ari ku mwambaro umwe wo mu gituzi (witwaga efodi). Ni na ko bimeze, hariho intekerezo nyinshi zitandukanye ariko hakaba Sôko umwe wazo. Mu itorero haba hari abizera benshi, kandi buri wese afite imico yihariye imuranga, ariko bose bagize umuryango umwe.⁸⁰⁵

Kwita ku Kureba Niba Urusengero Rufite Umwuka Uhagije: Hari ku Isabato nyuma ya saa sita maze inyubako y'agahozo yaberagamo amateraniro y'ahitwa ----- yuzura abantu ku buryo burengeje ubushobozi bwayo. Uwo munsu hari ubushyuhe bwinshi, kandi hari hakenewe umwuka urimo akayaga. Ariko amadirishya yayo yari asizweho amarangi atandukanye yari akozwe ku buryo adafungurwa. Ingaruka yabyo yabaye iy'uko imbaga y'abantu yari ihateraniye yahuye n'ingorane zo kutagira umwuka uhagije. Byatumye uwavugaga ijamba ry'Imana ahandurira uburwayi ku buryo yahakuye uburwayi yamaranye icyumweru cyose. Ibyo byatumye ayobora iteraniro rimwe gusa mu materaniro atatu yari ateganiye mu mujyi wa New York. Ni kuki abantu bafite amakuru

803 Letter 65, 1900.

804 Review and Herald, Sept. 30, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

805 Letter 53, 1900.

n'inama bihagije ku byerekeye ubuzima, isuku n'isukura n'akamaro k'umwuka mwiza, bemera ko insengero cyangwa inzu abantu bateraniramo zubakwa mu buryo butujuje ibyangombwa zimeze nk'ibigega bifungiranyemo umwuka wanduye maze imyaka igahita indi igataha?⁸⁰⁶

Shinga Ishuri ry'Itorero: Abakozi bari ahantu hakiri hashyashya ntibakwiriye kumva bafite umudendeze wo kuva aho bakorera igihe amatorero bashinzwe atarabona ibyangombwa akeneye. Ntihakwiriye kubakwa urusengero ruri mu rugero gusa, ahubwo ibintu byose bikenewe bikwiriye gukorwa kugira ngo hashingwe n'ishuri rihoraho ry'itorero.

Iki kibazo naracyeretswe ku buryo busobanutse. Neretswe ahantu henshi hashingwa amashami mashyashya y'abizera, kandi n'insengero zo guteraniramo zarubakwaga. Abantu bashyashya bari bakiriye ukwizera nabo bafashaga muri iyo mirimo bafite umutima w'ubushake, kandi abari bafite amikoro bafashishaga ubutunzi bwabo. Mu cyumba cyo hasi cy'urusengero hejuru gato y'ubutaka, neretswe ko hari icyumba giteganyirijwe ishuri aho abana bagombaga kwigishirizwa ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Abarimu bejejwe batoranyirijwe kujya aho hantu. Umubare w'amashuri wari muto, ariko ryari itangiriro rishimishije.⁸⁰⁷

Jya Mbere: Igihe dutangije umurimo ahantu hashyashya, tukahashinga ishami, abagize iryo shami tubegurira Imana maze tugahita tubashishikariza kwifatanya natwe kubaka inzu yo gusengeramo. Noneho urusengero rwamara kuzura, tukarwegirira Databuja, tubona gukomeza tukajya ahandi hantu. Twabwiwe amagambo yumvikana kandi atarimo urujijo ngo: "Nimujye mbere," kandi igihe ubutumwa bw'imbuze bwabaga bumaze kuvugwa ahantu hamwe, kandi abagabo n'abagore bagahagurukira kuhakomereza umurimo, turahaguruka tukajya mu tundi duce tw'uruzabibu rw'Uwiteka tutigeze dukorwamo umurimo.⁸⁰⁸

AHANTU HASHYASHYA HATARAGERA UBUTUMWA

Abizera b'Itorero Bigishwa Gukora Bonyine: Igihe nanyuraga mu Majyepfo nerekeza ku biro bya Konferanse, nagiye mbona imijyi myinshi itaragezwamo ubutumwa. Byaba se byaratewe n'iki? Byatewe n'uko abapasitoro bagendagenda mu matorero yamaze kumenya ukuri mu gihe hari abantu ibihumbi byinshi barimbuka batarakira Kristo.

Iyaba amabwiriza akwiriye yatangwaga kandi n'uburyo bwiza bw'imikorere bugakurikizwa, buri mwizera wese w'itorero yakora umurimo we nka rumwe mu ngingo zigize umubiri. Umwizera wese yakora umurimo w'ivugabutumwa Umukristo wese yahawe. Ariko amatorero ariho arapfapfana, kandi akeneye umugabura wo kuyabwiriza.

Bakwiriye kwigishwa kuzanira Imana icyacumi bakiranutse kugira ngo Imana ibakomeze kandi ibahe umugisha. Bakwiriye kwinjizwa muri

⁸⁰⁶ *Review and Herald*, Nov. 25, 1909. [Urwibutso n'Integuza]

⁸⁰⁷ *Testimonies*, vol. 6, p. 108. (1900). [Ibihamya by'Itorero]

⁸⁰⁸ *Letter* 154, 1899.

gahunda y'imikorere kugira ngo umwuka w'Imana abashe kubazaho. Bakwiriye kwigishwa ko igihe cyose bataramenya gukora bonyine badafashijwe n'umugabura, bakeneye guhinduka bundi bushya no kubatizwa bundi bushya. Bakeneye kuvuka ubwa kabiri.⁸⁰⁹

Nimujye Gukora maze Mukize Ubugingo bw'Abantu: Aho kureka umugabura ngo akomeze gukora umurimo mu matorero yamaze kumenya ukuri, nimureke abizera bo muri ayo matorero babwire abo bakozi bati: "Nimujye gukorera abari kurimbukira mu mwijima. Twebwe ubwacu tuzakomeza gukora imirimo y'itorero. Tuzakomeza kuyobora amateraniryo, kandi kubwo kuba muri Kristo, tuzakomeza kurangwa n'imibereho y'iby'umwuka. Tuzakorera gukiza ubugingo bw'abo duturanye, kandi tuzajya tubasabira tubohereze impano zacu zo gushyigikira abakozi bari mu turere dukennye cyane."⁸¹⁰

Abakozi bo muri Konferanse Bahamagarirwa Gukorera Ahantu Hashyashya: Nk'itegeko rusange, abakozi ba Konferanse bakwiriye gusohoka bakava mu matorero yabo bakajya gutangiza umurimo ahantu hashyashya, bagakoresha ubushobozi Imana yabahaye bagamije gushaka no gukiza inzimizi.⁸¹¹

Twahamagariwe Gukora Umurimo Tutajenjetse: Abagabura bacu bakwiriye gutegura gahunda y'ibikorwa bakabikorana ubwenge nk'ibisonga bikiranuka. Bakwiriye kwiyumvisha ko inshingano zabo atari ugukomeza gukora mu matorero amwe gusa yamaze guhangwa, ahubwo bakwiriye kuba bakora umurimo w'ibwirizabutumwa batajenjetse, babwiriza Ijambo ry'Imana, kandi bakora umurimo wo kuva ku rugo rumwe bajya ku rundi mu turere tutari twumva ubutumwa mw'ukuri ... Ni bwo bazamenya ko nta kintu gitera umwete umukozi nko gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa ahantu hashyashya.⁸¹²

Iyaba abagabura batangaga urubuga, iyaba bajyaga ahantu hashyashya, byaba ngombwa ko abagize itorero bakora inshingano zabo, kandi ubushobozi bwabo bwakwiyongera bitewe n'uko bukoreshwa.⁸¹³

Imbaraga z'Abagabura Zashiriye ku Matorero Yamaze Gukomera: Abantu bacu babonye umucyo mwinshi, nyamara kandi imbaraga nyinshi z'abagabura zishirira mu matorero, bigisha abantu bagombye kuba nabo ari abigisha; kandi bamurikira abantu bagombye kuba "umucyo w'isi," bavomerera abagombye kuba baturukamo amasoko y'amazi y'ubugingo; bagakomeza gukungahaza abagombye kuba ari ibirombe nyakuri bibitse ukuri kw'agaciro kenshi. Basubiriramo irarika ry'ubutumwa bwiza abantu bagombye koherezwa hirya no hino mu turere twa kure cyane two ku isi, maze nabo bakajya kugeza ubutumwa bw'Ijuru ku bantu benshi batigeze

809 Manuscript 150, 1901.

810 Testimonies vol. 6, p. 30. (1900).

811 Letter 136, 1902.

812 Letter 169, 1904.

813 Letter 56, 1901.

bagira amahirwe nk'ayo bagize. Imbaraga z'abagabura kandi zishirira mu kugaburira abagombye kujya mu mihora no mu nzira nyabagendwa bagatanga irarika rigira riti: "Nimuze kuko bimaze kwitegurwa." (Luka 14:17). Nimuze mu birori by'ubutumwa bwiza, nimuze ku meza y'Umwana w'Imana, kuko "ibintu byose byarangiye gutegurwa."

Ubu ni igihe cyo gukirana n'Imana dushyizeho umwete. Amajwi yacu akwiriye kwifatanya n'ijwi ry'Umukiza muri rya sengesho ry'igitangaza tuvuga tuti: "Ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru." (Matayo 6:10). Nimutyo isi yose yuzure icyubahiro cy'Imana. Abantu benshi bashobora kubaza bati: "Kandi ibyo ni nde ubikwiriye?" Iyi nshingano ni iya buri muntu wese. "Si uko twihagiye ubwacu ngo dutekereze ikintu cyose nk'aho ari twe cyaturutseho, ahubwo tubashishwa n'Imana." (2 Abakorinto 3:5).⁸¹⁴

IGICE CYA 11

UMURIMO MU MIJYI MININI YO MURI AMERIKA

NEW YORK

Ubutumwa Bugomba Kugenda: Igihe nari mu mujyi wa New York mu itumba ryo mu 1901, nahawe umucyo ku byerekeye umurimo ugomba gukorwa muri uriya mujyi munini. Buri joro imbere yanjye hanyuraga inzira bene Data bagomba gukurikiza. Ubutumwa bukwiriye gusakazwa nk'uko itara rimurika. Imana izahagurutsa abakozi bazakora uyu murimo, kandi abamarayika b'Imana bazabarangaza imbere. Nubwo imijyi yacu minini yihutira cyane kugera ku rwego rumwe n'urwo isi yabanjirije umwuzure yariho, nubwo iyi mijyi ihwaniye ubugome na Sodomu, nyamara muri yo harimo abantu benshi b'indahemuka bazumvira ibyo Mwuka Wera abemeza igihe bazaba bamaze kumva ukuri gukora ku mutima kuri mu butumwa butwawe n'abategereje kugaruka kwa Yesu. Umujyi wa New York witeguye gukorwamo umurimo. Muri uwo mujyi munini, ubutumwa bw'ukuri buzahabwirizwa mu mbaraga z'Imana. Uwiteka arahamagara abakozi bo kumukorera. Arahamagara abantu bafite ubunararibonye mu murimo kandi bubaha Imana ngo batangire kandi bateze imbere umurimo ugomba gukorwa muri New York no mu yindi mijyi minini ya Amerika. Imana irahamagara kandi abantu bafite amikoro ngo bayatange akoreshwe muri uyu murimo.⁸¹⁵

Umujyi wa New York ni wo Cyitegererezo cy'Umurimo Ugomba Gukorwa ku Isi Yose: Abantu bikoreye umutwaro wo gukora umurimo mu mujyi wa New York bari bakwiriye guhabwa abakozi bazi neza icyo bakora bo kubunganira. Nimutyo hashyirwe ahantu h'ihuriro hakorerwa umurimo w'Imana, kandi mureke ibikorwa byose bibe ikimenyetso cy'umurimo Uwiteka yifuza ko wakorwa mu isi . . .

Mu mujyi wa New York, Uwiteka ahafite abantu benshi batigeze bapfukamira Baali; kandi hari abantu benshi banyuze mu nzira z'ibinyoma

⁸¹⁵ *Testimonies*, Vol. 7, p. 54, 55. (1902). [Ibihamya]

bitewe no kutamenya. Bene abo bagomba kumurikirwa n'umucyo w'ukuri, kugira ngo babashe kubona Kristo, we Nzira, Ukuri n'Ubugingo.

Tugomba kubwiriza abantu ukuri mu rukundo rwa Kristo. Nta gukabya cyangwa kwigaragaza gukwiriye kurangwa muri uyu murimo. Umurimo ugomba gukorwa hakurikijwe gahunda Kristo yaduhaye. Ugomba gukorwa mu mwuka wo kwicisha bugufi, ndetse no kwiyorosha kuranga ubutumwa bwiza. Abakozi ntibagaterwe ubwoba n'ubwiza bw'ibigaragara inyuma, uko byaba ari agahebuzo kose. Nimubwirize Ijambo ry'Imana, kandi kubw'Umwuka we, Uwiteka azatera ababatega amatwi gutsindwa mu mitima.⁸¹⁶

Gukora Umurimo Ukurikije Itegeko ry'Imana: Uburyo dukora umurimo bukwirye gukurikiza gahunda yashyizweho n'Imana. Umurimo dukorera Imana mu mijyi minini yacu ntugomba gukorwa dukurikije amageza ya muntu. ...

Mu murimo dukora, tugomba kwibuka uburyo Kristo yakoresheye. Ni we waremye isi, kandi arema n'umuntu. Hanyuma yaje ku isi yihinduye umuntu kugira ngo yereke abayituye uko babaho barangwa n'imibereho itarangwamo icyaha.

Mwene Data-----, Uwiteka yagukinguriye irembo mu mujyi wa New York, umurimo wawe wo kubwiriza ubutumwa uhakorera ugomba kuba icyitegererezo cy'uko umurimo ugomba gukorwa mu yindi mijyi ukwiriye kumera. Ukwiriye kwerekana uko umurimo ugomba gukorwa, ukabiba imbuto, hanyuma yaho ukegeranya umusaruro. Hari abantu bashobora kuza mugafatanya uwo murimo, bakawirunduriramo bawusobanukiwe kandi bagufitiye impuhwe. ...

Umurimo wawe muri New York watangiye neza. Ukwiriye kugira umujyi wa New York ipfundo ry'umurimo wo kwamamaza ubutumwa, ari ho umurimo uzahera maze ugakwira n'ahandi ugenda utanga umusaruro. Uwiteka ashaka ko haba ikigo cy'ishuri cyo gutorezamo abakozi, kandi nta kintu gikwiriye kwemererwa gukoma mu nkokora uwo murimo. Igihe abantu bamaze kwakira ukuri, kandi bafashe icyemezo cyo kugukurikira, ubwo ni bwo Uwiteka azabategurira kwiga kugira ngo bakire ukuri kwa Bibiliya mu buryo bwuzuye. Abantu ugomba gutoranya ngo bakubere abafasha ni abantu bashobora guteza imbere umurimo batajenzetse kandi mu bushishozi bwuzuye, bakora bagamiye ko umuntu wese uko yakabaye-umubiri, ubugingo n'umwuka - yahinduka. Urufatiro rukomeye rwubakiye ku migambi y'ubutumwa bwiza rugomba gushingwa ngo rwubakweho itorero.⁸¹⁷

Mu Mijyi Minini Hakeneye Gushyirwa Ibigo by'Ubuwuzi n'Amashuri: Dukeneye ibitaro n'ishuri mu karere gakikije umujyi wa New York, kandi uko dutinda kuhagira bene ibyo bigo, ni ko kuzabihubaka bizadukomerera.

⁸¹⁶ *Testimonies*, vol. 7, p. 38. (1902). [Ibiamya]

⁸¹⁷ *Letter* 150, 1901.

Byarushaho kuba byiza haramutse habonetse ahantu hubakwa amacumbi y'abakozi bacu babwiriza ubutumwa, ariko akubakwa hanze y'umujyi. Ni iby'agaciro kenshi ko bagira amahirwe yo kubona amazi meza, atanduye na hato. Kubera iyi mpamvu, akenshi biba byiza kwita ku nyungu ziboneka ku gutura hagati y'imisozi. Kandi na none hakwiriye kuba n'imirimu bahingamo imbuto n'imboga bitunga abakozi. Nimureke icyicaro cy'ivugabutumwa kibe ahantu hatuma abantu bagira amagara mazima uko byashoboka kose, kandi icyo cyicaro giturane n'ivuriro rito. No mu mujyi hakwiriye guteganywa ahantu hajya hatangirwa ubuvuzi bw'ibanze.

Bene iryo cumbi rizaba ahantu abakozi bacu baruhukira, aho bashobora gutura bakaba kure y'umuvurungano n'urujya n'uruza byo mu mujyi. Imyitozo ngororangingo yo kuzamuka imisozi akenshi ni ingirakamaro ku babwirizabutumwa bacu, abaganga bacu, cyangwa abandi bakozi bari mu kaga ko kutabona uko bakora imyitozo ngororamubiri ihagije.

Nimureke amacumbi nk'ayo y'abakozi yubakwe mu nkengero z'imijyi myinshi, kandi abantu b'abanyamwete bakoreshe umwete udacogora muri iyo mijyi maze bavuge ubutumwa bw'imbuzi bwagenewe kugezwa ku batuye isi bese. Tumaze kugeza ubutumwa mu mijyi mike cyane ugereranije n'ahakeneye ubutumwa.⁸¹⁸

Ubufasha bw'Ingenzi: Gutangiza umurimo w'ivugabutumwa rikoresha ubuvuzi muri New York bizaba ikintu cyiza cyane gihebuje ibindi byose mushobora gukora. Neretswe ko muri uyu murimo hakwiriye kubamo abagore n'abagabo bafite uburambe, abantu bashobora gutanga ishusho nziza y'umurimo w'ivugabutumwa mu buvuzi, kandi ibyo bizagira imbaraga nyinshi mu kureshya intekerezo z'abantu.⁸¹⁹

Ibwirizabutumwa mu Buvuzi mu Mujyi Urangwamo Abantu Baturutse Impande Zose: Mu mujyi wa New York hari ibisarurwa byinshi byeze bigeze igihe cy'isarura. Muri uyu mujyi munini hari abantu ibihumbi byinshi batigeze bapfukamira Baali. Marayika yaravuze ati: "Dore ndababwira ubutumwa bwiza bw'umunezero mwinshi uzaba ku bantu bese." (Luka 2:10). Umujyi wa New York wuzuyemo abantu babarirwa mu "bantu bese" marayika yavuze. Twifuza kubona umwaka mushya utangira hari abarimu bari ku murimo mu duce twose tw'umujyi. Hari umurimo ugomba gukorwa muri uyu mujyi . . . Mu mijyi minini yacu umurimo w'ibwirizabutumwa mu buvuzi ukwiriye kujyanirana n'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Uwo murimo w'ubuvuzi uzakingurira amarembo ukuri kw'Ijambo ry'Imana kubone aho kwinjirira.⁸²⁰

Amatangazo Akangaranya Arasenywa: Mu gihe cyashize, Umukuru-----yashyize hanze amatangazo amwe yakangaranyaga cyane yerekeye irimbuka ry'umujyi wa New York. Nahise nandikira umuntu wari ushinze umurimo muri New York, mubwira ko bitari bikwiriye gushyira

818 Medical Ministry, p. 308. (1909).

819 Letter 196, 1901.

820 Manuscript 117, 1901.

ku mugaragaro bene ayo matangazo, ko mu kugenza batyo batuma habaho gukangarana kwabyara itsinda ry'abaka, maze ibyo bikangiriza umurimo w'Imana. Amatangazo akangaranya asenya iterambere ry'umurimo w'Imana . . .

Nandikiye bene Data bakora muri New York inzandiko zibaburira, mbamenyesha ko ayo matangazo ashyushya imitwe y'abantu kandi atera ubwoba adakwiriye gushyirwa ahagaragara. Iyo bene Data bakabije mu byo bigisha, nijye bigaruka ku mutwe, bigatuma nengwa maze abantu bakanyita umuhanuzi w'ibinyoma.

Mutekereza ko iyaba nari naravuze ko New York izasenywa n'inkubi y'umuraba w'inyanja mba naratanze inama yo kugura ikibanza cy'aho tuzubaka ibitaro mu birometero nka 80 byonyine uvuye mu muji, ahantu abantu bazajya bava baje gukora muri New York?⁸²¹

Imigambi yo Kugera ku Bacuruzi: Mwari mukwiriye kumva ko mufite inshingano yo gukora umurimo mu muji wa New York. Abantu bacururiza mu maduka y'umuji wa New York no mu yindi mijyi minini bakwiriye kugezwaho ubutumwa kimwe n'abandi bapagani bari mu bihugu by'amahanga.⁸²²

Ibibazo Bifitanye Isano n'Inyubako z'Ibyumba by'Inama n'Insengero: Jya mu muji wa New York. Rambagiza ahantu ho kugura witonze, maze urebe niba byaba byiza kugura inzu yaberamo inama ndetse n'ikibanza cyose yubatswemo. Ahari icyo kibanza gishobora gukodeshwa imyaka runaka. Nabwiwe ko bene ubwo buryo buzajya bukurikizwa mu murimo ukorwa mu mijyi minini. Niba nyuma yo kugenzura neza mufashe icyemezo ko byaba byiza muguze burundu iyo nzu y'inama, tuzakora uko dushoboye kose dukusanye amafaranga. Ariko icyiza ni uko byakorwa abantu babivugaho rumwe. Nimusenge, nimusenge, nimusenge cyane, kuko bibaye bishobotse Satani azafunga imiryango yari yakinguwe ngo ukuri kubone aho kwinjirira. Uwiteka arashaka ko ikigo kivugirwamo ubutumwa bw'ukuri cyashingwa muri uyu muji wa New York washayishije....

Ndabasaba ngo mukore ubushakashatsi ku murimo ukorwa muri New York, maze mugene ingamba zo gushinga urwibutso rw'Imana muri uwo muji. Urwo rwibutso rugomba kuba ikigo cy'ihuriro ry'umurimo w'ibwirizabutumwa kandi muri cyo hakwiriye kubakwa n'ivuriro. ... Hakwiriye gukoreshwa umuhati udakebakeba kugira ngo amatorero yacu yo muri New York n'imijyi ihakikije yunge ubumwe. Ibi bishobora gukorwa, kandi byakorwa igihe habayeho urugamba rugera ku ntego rwo gukorana umwete mwinshi muri uyu muji.⁸²³

Umusaruro Ugomba Kuva mu Mavuna Yakozwe Neza: Imana irashaka ko umurimo watezwa imbere mu muji wa New York. Hakwiriye kuba

821 Letter 168, 1909.

822 Letter 168, 1909.

823 Letter 154, 1901.

abantu ibihumbi byinshi bubahiriza Isabato, kandi bahaba igihe umurimo ukoze nk'uko wagombye gukorwa. Ariko ikibabaje ni uko hatangiye kuvuka urwikekwe. Hari abantu bashaka ko umurimo ukorwa nk'uko babishakaga, maze bakanga gukurikiza ingamba zagutse ziba zatanze n'abandi. Ibyo bituma amahirwe twari dufite aduca mu myanya y'intoki. Dukeneye gushinga amashami mato menshi muri New York, kandi tukohereza abakozi hanze bakajya kubwiriza ubutumwa. Ntibikwiriye kwibwira ko umuntu adashobora gukorera Imana bitewe n'uko aterejwe kuba umubwiriza. Nimureke bene abo bantu bigishwe uburyo bwo gukora, maze nibamara kwiga mubareke bajye mu murimo. Igihe bagarutse, mureke bababwire ibyo bakoze. Mubareke bashimire Uwitaka umugisha yabahaye, maze nibarangiza bongere basubere mu murimo. Mubakomeze mubatere umwete. Amagambo make gusa yo kubatera umwete azababera isoko yo kunguka ibitekerezo bishya.⁸²⁴

BOSTON NA NEW ENGLAND

Imijyi yo Muri New England Itarabwirizwamo Ubutumwa: Intekerezo zanyije zari ziremerewe kubera imijyi minini yo mu Burasirazuba bwa Amerika. Uretse umujyi wa New York, aho mwakoreye umurimo mu mpeshyi ishize, hari n'umujyi w'ingenzi wa Boston, hafi yawo hari ivuriro rya Melrose. Kandi uko mbizi, nta hantu hakeneye umurimo cyane wo kubutsa imirimo yahakozwe mbere kurenza umujyi wa Boston, muri Porutilandi (Portland) muri Leta ya Maine, higeze kuvugwa ubutumwa hakoreshejwe imbaraga nyinshi, ariko ubu hakaba hari abizera bacu mbarwa.⁸²⁵

Hakwiriye Gukorwa Bidatinze: Niba mu mujyi wa Boston no mu yindi mijyi yo mu Buvazuba bwa Amerika, wowe n'umugore wawe muzakorera hamwe mu murimo w'ivugabutumwa ryifashisha ubuvuzi, kuba ingirakamaro kwanyu kuzagenda kwiyongera, kandi ibitekerezo byumvikana neza bijyana n'inshingano yanyu bizabigaragariza. Muri iyo mijyi, ubutumwa bwa marayika wa mbere bwavuzwe hakoreshejwe imbaraga nyinshi mu mwaka wa 1842 no mu 1843, kandi ubu igihe kirageze ngo mu Burasirazuba habwirizwe ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu buryo bwiyungikanya. Imbere y'ibitaro byacu biri mu Burasirazuba hari umurimo munini ukeneye gukorwa. Ubutumwa bukwiriye kuvuganwa imbaraga nyinshi nk'aho umurimo uri kugera ku musozo. Ahitwa Portland muri Leta ya Maine, ni umujyi wabaye nyambere mu kwitabira gahunda y'ubugorizi mu byo kwirinda, bityo rero ukwiriye kubwirizwamo ubutumwa vuba nta gutindiganya.⁸²⁶

Muri Leta ya Maine harimo imijyi mito, nka Brunswick na Bangor, ikwiriye kubwirizwa ubutumwa mu buryo bunonosoye. Ukuri gukwiriye kumurika nk'itara ryaka mu mijyi minini n'imito yo mu Buvazuba.⁸²⁷

⁸²⁴ *Life Sketches*, p. 385. (1915).

⁸²⁵ *Letter 4*, 1910.

⁸²⁶ *Letter 20*, 1910.

⁸²⁷ *Letter 28*, 1910.

Akamaro k'Ivuriro Riri Hafi y'Ibiro bya Misiyoni: Inyubako n'ibibanza by'ivuriro rya Melrose biteye ku buryo bishyigikira umurimo w'ivugabutumwa mu buvuzi utagomba gukorwa mu muji wa Boston gusa ahubwo no mu yindi mijyi myinshi itaragezwamo ubutumwa mu karere ka New England. Ikibanza cy'ivuriro rya Melrose giteye ku buryo cyahabwa ibikenewe bizakururira abantu tudahuje kwizera kuza kuri iryo vuriro. Abantu bo mu rwego rwo hejuru kimwe na rubanda rusanze bazajya baza muri icyo kigo gusaba serivisi zitangirwamo mu rwego rwo kuzahura ubuzima.

Ibihe byinshi neretswe ko Boston ari ahantu hagomba gukorwa mu buryo bunoze. Umucyo ugomba kumurika mu nkengero z'imijyi no mu mijyi rwagati. Ivuriro rya Melrose ni rimwe mu bigo bikomeye cyane bishobora gukoreshwa kugira ngo ukuri kugere mu muji wa Boston. Uwo muji ndetse n'abaturage bo mu nkengero zawo bagomba kumva ubutumwa buheruka bw'imbabazi bugomba kugezwa ku batuye isi. Amateraniro abera mu mahema agomba kubera ahantu henshi. Abakozi bakwiriye gukoresha neza ubushobozi Imana yabahaye. Impano z'ubuntu bw'Imana zizagwira bitewe no kuzikoresha neza. Ariko ntihakwiriye kubaho kwihimbaza, kandi nta bikorwa runaka bikwiriye gukerenswa. Nimutyo Umwuka Wera abe ari we uyobora abakozi. Bagomba gukomeza guhanga amaso Yesu kuko ari we banze ryo kwizera kwabo kandi akaba ari nawe ugusohozwa. Umurimo ugomba gukorwa uyu muji munini uzashyirwaho ikimenyetso no guhishura kwa Mwuka Wera, kandi ibyo bizabaho abakozi bose nibagendana n'Imana bicishije bugufi. . .

Turiringira ko abantu bashinzwe umurimo mu karere ka New England bazajya bakorana n'abayobozi b'ivuriro rya Melrose mu gutera intambwe zikomeye zo mu murimo ukwiriye gukorwa muri Boston. Hakenewe abakozi ijana bakwiriye kuba bakora bagakwirakwira mu mpande zitandukanye z'umujyi kandi bagakora byiciro bitandukanye bigize umurimo. . .

Umurimo w'ivugabutumwa ryifashisha ubuvuzi ni umuryango ukuri kwinjiriramo kukabona kugera ku miryango myinshi iri mu mijyi. Muri buri muji muzahasanga abantu bazishimira ukuri k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu.

Uko tuzajya duhirimbanira gukora uruhare rwacu dukiranuka, ni ko Imana izajya ikorana imbaraga zayo. Imana izatuma abaturage bo muri Boston bumva ubutumwa bw'ukuri kwagenewe ab'iki gihe. Muvandimwe, mushiki wanjye, nimukorane n'Imana mu gutuma ibi bibaho, kandi Imana izabafasha, ibahe imbaraga, ibakomeze mu mitima kubwo kubona abantu benshi bakizwa.⁸²⁸

Abantu Ibihumbi Byinshi bo Muri Boston Bifuza cyane Ukuri Koroshye: Ndumva mpangayikishijwe cyane n'uko Boston yakumva

828 *Special Testimonies*, Series B, No 13, pp. 12-16. (1906).

Ijambo ry'Imana n'ishingiro ryo kwizera kwacu. Saba Uwiteka ahagurutse abakozi binjire muri uwo muji. Nimumusabe ahagurutse abakozi bashobora gushyikirana n'abaturage ba Boston. Ubutumwa bukwiriye kuvugwa bukarangira hose. Mu muji wa Boston hari abantu ibihumbi byinshi bifuza cyane kumenya ukuri koroshye nk'uko kuri muri Yesu. Mbese nkamwe mubwiriza ijambo ry'Imana kandi mukigisha amahame yaryo, ntimwategurira inzira uku kuri kugira ngo kugere mu bugingo bw'abantu?⁸²⁹

Iyaba Twagendaga Kubwo Kwizera: Byari mu mugambi w'Imana ko ivuriro rya Melrose ryagombaga gucungwa n'abantu bacu, rikaba nk'iteme twambukiraho tugeza ubutumwa ku bantu bo mu nzego zo hejuru. Umujyi wa Boston n'ahawukikije hakwiriye gukorwa umurimo mu buryo bwiza kandi bwitondewe. Nahawe ubutumwa bwo kubwira abakuru.----- na ----- ko bakwiriye gushaka abagabo n'abagore bashobora kubafasha umurimo wo kuvuga ubutumwa bw'imbuze. Ririya vuriro rishobora kuba ubufasha bwiza cyane bushobora gukoreshwa mu gucengeza amatwara y'iby'idini muri kiriya kigo.

Mureke umukuru ----- atange ubufasha buhebuje ubundi ashobora gutanga, maze ashinge ihema mu nkengero z'umujyi wa Boston, maze abwirize abantu ubutumwa nk'uko Uwiteka abimushoboje. Nta gukererwa gukwiriye kuba mu gutangira uyu murimo. Umukuru ----- akwiriye guha imbaraga ayo mavuna binyuze mu kubwiriza ubwoko bw'Abayuda. Abaganga bakwiriye gufasha cyane batanga ibiganiro byigisha iby'ubuzima muri ayo materaniryo. ...

Uwiteka arahamagara abantu ngo bakore umurimo mu muji wa Boston. Nutera intambwe mu kwizera ukajya muri uyu murimo, Imana izaguhaha umugisha mwinshi. Ntabwo kwigaragaza inyuma cyane ari byo bikenewe, ahubwo muzakore mutuje kandi mushyizeho umwete. Uwiteka azafasha abakozi be bicishije bugufi kandi bakorana umwete. Ngaho nimugire umwete mudakebakeba. Ibihe byose muje muvuga muti: "Sinzatsindwa kandi sinzacika intege."⁸³⁰

Imana Izayobora Gahunda yo Gushinga Ibigo: Mushiki wanjye, ntibikubabaze. Uwiteka azi ikibazo ufite. Nta kintu na kimwe kimusoba. Azumva amasengesho yawe; kuko ari Imana yumva amasengesho kandi ikayasubiza. Yiringire, nta kabuza izakumva ikorohereze umutwari ukuremereye, kandi izabikora mu buryo bwayo. Nshima Imana cyane kubwo kumva imigisha yahaye umurimo wakorewe muri New Bedford. Nimutyo twiringire Imana, kandi kwizera kwacu kuyishikameho ubutagamburura.

.....Niba mwene Data----- yumva adashaka gutanga amafaranga ye ngo akorehwe mu gushinga ivuriro muri iki gihe, si byiza

829 Letter 25, 1905.

830 Letter 202, 1906.

kubimuhatira. Ibyo dutekereza ko ari byiza si iteka bishobora kuba ari byo byiza kurenza ibindi. Nimureke inzira y'Imana abe ari yo ihama.

Ooh! Mbega ukuntu nifuza cyane kubona umurimo ujjana imbaraga mu mujyi wa New Bedford n'uwa Fairhaven ndetse n'ahandi hantu henshi hakeneye kumenya ukuri nko muri iyi mijyi! Dufite ibyiringiro ko igihe runaka kizagera ivuriro rigashobora kubakwa muri New Bedford. Abakozi babwiriza ubutumwa bushingiye ku buvuzi barakenewe muri iyo mijyi. Ariko rero mushiki wanjye nkunda, birasaba umuntu ufite impano y'ubushobozi budasanze ugomba kuyobora iryo vuriro. Kuba umugabane umwe w'abakozi biyemeje gutangiza iryo vuriro baba bafite ubunararibonye kandi barize, ibyo ubwabyo ntibihagije. Kubera bo ubwabo, kubw'ivuriro ndetse no kubw'umurimo muri rusange, ni ingenzi ko habaho itsinda ryuzuye ry'abagabo n'abagore babifitiye ubushobozi n'ubumenyi kugira ngo abe ari bo binjira muri uwo murimo. Ijisho ry'Uwiteka rirareba ahantu hose, kandi iyo igihe kigeze kugira ngo ikigo gitangizwe ahantu runaka, Uwiteka ashobora gutera intekerezo z'abagabo n'iz'abagore kwerekera aho hantu kandi bakaba biteguye rwose kwinjira muri icyo kigo bakagikorera.

Hari amashami menshi agize umurimo akeneye gutezwa imbere. Urugi rukinguriwe abaforomo n'abaforomikazi bize neza kugira ngo bajye mu miryango, maze bakangurire abayigize kwita ku butumwa bw'ukuri. Muri iyo mijyi nka Boston na New Bedford, hakenewe mu buryo bwihutirwa ababwirizabutumwa n'abigisha ba Bibiliya. Abo bakozi nk'abo bagira amahirwe menshi yo kuhabiba imbuto nziza. Umukozi wese w'umunyambaraga, witonda kandi w'umunyamwete ahafite umurimo yakora. Inyigisho za Kristo n'ukuri koroheje yigishaga akunyujije mu migani ye, muri iki gihe biracyakenewe cyane nk'igihe ubwe yari hano ku isi yambaye umubiri.⁸³¹

Ongera Uvuge Ubutumwa mu Mijyi y'Iburasirazuba: Ni iki kiri gukorwa mu mijyi y'Iburasirazuba aho ubutumwa bw'Abadiventisiti bwavuzwe bwa mbere? Imijyi yo mu Burengerazuba yo yagize amahirwe, ariko se ni nde mu Burasirazuba wumvise afite umutwari wo gukurukirana umurimo akagenderera akarere kose kabatirishijwe ukuri ko kugaruka k'Umukiza kwegereje kwabwirijwe mu minsi ya mbere? Nahawe umucyo uvuga ko ukuri gukwiriye kongera kujyanwa muri Leta zo mu Burasirazuba aho umurimo wacu watangiriye, kandi akaba ari ho twagiriye ubunararibonye bwa mbere. Dukwiriye gukoresha imbaraga zacu zose tukamamaza hose ukuri kukamenyekana mu bantu bazakumva, kandi hari benshi bazagutega amatwi. Mu mijyi yacu minini yose Imana ihafite abantu biringirwa bashishikajwe no kumenya ukuri. Hari umurimo ukeneye gukoranwa umwete muri Leta zo mu Burasirazuba bwa Amerika. "Ongera uvuge ubwo butumwa, ongera uvuge ubwo butumwa," ayo ni yo magambo nabwiwe incuro nyinshi. [Imana yarambwiye iti]: "Bwira ubwoko bwanjye bwongere buvuge ubutumwa aho bwabwirijwe bwa mbere, n'ahantu

831 Letter 29, 1905.

insengero zagiye zikurikirana mu kwakira ukuri [tubwiriza], kandi imbaraga z'Imana zigashimangira ubwo butumwa mu buryo butangaje.”⁸³²

IMIYI Y'IBURASIRAZUBA NO MU MAJYEPFO

Ubutumwa Bukwiriye Kugera mu Mijyi no mu Nkengero Zayo: Hari umujyi wa New York n'imidugudu ituwe cyane iwukikije, hari Filadelfiya, hari Baltimore na Washington. Ntabwo nshaka kuvuga aho hantu hose; kuko murahazi. Imana ishaka ko tubwiriza ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu mbaraga nyinshi muri iyo mijyi.⁸³³

Muri Filadelfiya: Ibibazo Byatumye Haboneka Amahirwe yo Kubwiriza Ubutumwa: Filadelfiya n'ahandi hantu h'ingenzi hakeneye gukorwa umurimo. Ababwirizabutumwa bakwiriye kuba bari gushaka inzira banyuramo kugira ngo binjire aho hantu hose aho intekerezo z'abantu zidatekanye bitewe n'itegeko ryo kuruhuka ku Cyumweru ndetse n'ibijyanye no kwigisha iyobokamana mu mashuri ya Leta. Kuba Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi barakerensheje gukoresha ayo mahirwe ntibabonereho kwigisha abantu ukuri, ni byo byanshenguye umutima kandi bikaba bituma ndara ntahohetse amajoro menshi.⁸³⁴

Ku Murwa w'Igihugu: Nahoze nandika byinshi cyane byerekeye uburyo bikenewe cyane gukoresha umwete uruseho ubutumwa bukavugwa mu murwa wa Washington, D.C, Washington, ni umurwa mukuru wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, kandi aho ni ho uku kuri twigisha gukwiriye guhera kumurikira abantu.⁸³⁵

Uburyo bw'Imikorere Bwitondewe Kandi Buteguye neza Bwakoreshwa Muri Washington: Amateraniro y'ivugabutumwa akomeye agomba gukorwa mu murwa mukuru w'igihugu. . . . Nshimishijwe cyane n'uko mwaratangiye uyu murimo w'ivugabutumwa muri Washington, kandi ko abantu bamaze gukangukira kwita ku butumwa mu buryo bwimbitse. Raporo yatanze yerekeye uko umurimo wagenze hariya hantu ijya gusa rwose n'ibyo neretswe by'uko umurimo wajyaga kugenda. Nkurikije ukuntu nabibwiwe, nzi neza ntashidikanya ko uyu murimo utagomba gucibwa intege n'uko abakozi b'ingenzi bahamagarirwa kujya gukorera ahandi. . . .

Umurimo w'ivugabutumwa ugomba gukorerwa muri Washington, kantu ntukwiriye gucikizwa n'uko habaye ihamaraga rishaka ko abakozi bajya mu tundi turere. Imana ishaka ko umurimo wayo ukorerwa ku mihanda minini nyabagendwa wakomeza gukorwa mu buryo buboneye.

Muyobozi ----- uri aho Imana igushakira ko uba, kandi ntukwiriye kuvunwa n'imitwaro myinshi cyane. Umujyi wa Washington wirengagijwe igihe kirekire. Noneho igihe kirageze ngo hakorwe umurimo ukoranywe

⁸³² Manuscript 29, 1909.

⁸³³ Manuscript 53, 1909.

⁸³⁴ Review and Herald, April 20, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

⁸³⁵ Letter 132, 1903.

umwete. Uwiteka azaha abakozi be imbaraga kandi abagirire ubuntu. Abakozi ntibakwiriye kwemera guteshurwa ku murimo wabo n'ibintu byinshi bashukishwa bishobora kubareshya. Iyi ni yo mpamvu nari mfite ishyamba mu mutima ry'uko impano yose y'abakozi bazakorera muri Washington izakoreshwa mu buryo buzarushaho guteza imbere umurimo w'Imana.

Mwene Data----- yavuze abantu benshi atekereza ko bashobora gufasha mu murimo ukorwa muri Washington. Ariko mukwiriye kwitonda ku byerekeye abo mukoresha muri uwo muji. Ikintu cyose kigomba gukorwa hakurikijwe amabwirizwa Bibiliya itanga. ...

Mu murimo wacu ntidukwiriye kujya mu mpinga y'umusozo ngo turabagirane. Ntabwo tubwirwa ko tugomba kwiyerekana mu buryo budasanze bw'igitangaza. Ukuri gukwiriye kubwirizwa ku mihanda nyabagendwa no mu mihora, kandi muri ubwo buryo, umurimo ugakorwa mu buryo bwumvikana kandi burangwa no gushishoza. Niba buri mukozi wese atozwa n'Umwami Yesu Kristo, imibereho ye izajya igaragaza ibyiza bihebuje byaranze ubuzima bwa Kristo. Mu gihe tuvuga kubyo kwiyerekana, umurimo Kristo yakoreye hano ku isi ukwiriye kutubera urugero. Dukwiriye kwirinda gukora nk'abakina ikinamico ndetse no gukora ibintu by'indengakamere nk'uko Kristo nawe yabyirinzwe mu murimo we. Ntabwo iyobokamana ari ugushitira amarangamutima nubwo iyobokamana rizagaragaza imbaraga yaryo yera, itunganye, izahura kandi yeza, maze ikazana imibereho y'iby'umwuka n'agakiza mu muntu.⁸³⁶

Amateraniro y'Ivugabutumwa Agenewe Akarere ka Washington: Hari ahantu hakikije umujyi wa Washington hakwiriye gukorwa amavuna. Muri Washington ubwaho ni nk'isi ntoya irimo abantu batarahinduka, baba abera n'abandi mabara. Ni nde utekereza ibyabo ngo abe yabikorera umutwaro? Kandi hari n'ahandi hantu henshi h'ingenzi hataragezwa ubutumwa bw'imbuhi. Iyo nitegereje ukuntu aho hantu hirengagizwa, numva intimba inshengura umutima. Nsenga Imana amanywa n'ijoro kugira ngo umutwaro nikoreye ujye ku bantu b'abayobozi mu murimo w'Imana. Nimureke abakozi bamaze kwinjira mu murimo bacire inzira abandi bashaka gukora, kandi bafite ubushobozi bwo kugira uruhare mu murimo w'ibwirizabutumwa. ...

Hari imijyi myinshi y'ingenzi ikeneye gukorwamo umurimo kandi yegereye Washington. Ni imijyi duturanye. Bene Data na bashiki bacu baramutse bakoze umurimo w'ibwirizabutumwa bakoranye umwete bakabugeza ku bo bahura nabo bose, ahantu hashya hatuzengurutse hakwiriye gukorera umurimo hazakingurwa imiryango. Abantu benshi bahatuye bazumva bikoreye umutwaro wo gukora umurimo, kandi bazifuza kugira uruhare rufatika mu murimo wo kwamamaza ukuri kw'Ijambo ry'Imana.

⁸³⁶ Letter 53, 1904.

Turatakamba ngo abantu batuye Takoma bazahinduke abakozi bakorana n'Imana mu gushinga ibendera ry'ukuri mu turere tutaragezwamo ubutumwa. Nimureke umugabane umwe w'impano nyinshi zatanzwe ukoreshe mu guha ibikoresho abakozi bari mu mijyi yacu yegereye Washington. Nimutyo hakorwe umurimo mwiza wo gusura abantu urugo ku rundi. Abantu benshi bari kurimbukira hanze y'inkuge bagombye gukiriramo. Nimureke abizera b'itorero bazamure ibendera ry'ukuri mu baturanyi babo. Nimutyo abagabura b'ubutumwa bwiza bashinge amahema maze babwirize abantu ukuri mu mwuka w'imbaraga, maze nibarangiza bajye mu gace gahereranye n'ako bityo naho bahabwirize ukuri.⁸³⁷

Kwamamaza Ubutumwa Budakebakeba: Ndahamagara abizera bo muri Washington ngo baze gufasha Uwiteka, baze kumufasha kurwanya ingabo zikomeye z'umwijima. Umurimo ukorwa na buri muntu ku giti cye uzaba ukenewe muri uyu muji ndetse no mu nkengero zawo. Nimutunganye inzira z'Umwami. Nimuzamure ibendera rye, maze muryerereze cyane. Hari umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza ugomba gukorwa muri Washington, muri Baltimore ndetse no yindi mijyi minini iherereye mu Majyepfo no mu Burasirazuba. Nimutyo umurimo wo kwigisha tuwufatanye no kuvura abarwayi. Nimutyo abapastoro n'abavugabutumwa bakora umurimo w'ubuvuzi bambare intwari zose z'Imana maze bajye kwamamaza ubutumwa bwiza. Ubutumwa budakebakeba bukwiriye kwamamazwa muri Washington. Impanda ikwiriye kuvuzwa mu ijwi riranguruye.⁸³⁸

Nashville, St. Louis, New Orleans: Muri iki gihe hakwiriye gukoreshwa imbaraga zose zishoboka kugira ngo umurimo w'Imana ujye mbere. Bidatinze hagiye kugira ibyaduka bizatuma umurimo wo kubwira ukuri abantu benshi dushobora kugeraho muri iki gihe udukomerera kurenza uko bimeze ubu. Imbaraga nyinshi cyane zikwiriye gukoreshwa mu mijyi ya Washington, Boston, Nashville, St. Louis, New Orleans no mu yindi mijyi minini. Hazakorwa umurimo wagutse kandi wuzuye igihe abagabo n'abagore bazahagarara mu myanya yabo, bagakora uruhare rwabo bakiranutse. Hakenewe abasore n'inkumi amagana menshi ngo batowe kandi bigishwe gukora umurimo w'Imana.⁸³⁹

Umujyi wa Nashville Ukwiriye Kuba Ihuriro: Neretswe ko umujyi wa Nashville ari wo waba ihuriro ryiza abantu bajya baturukamo bakajya mu murimo rusange bagasanga abantu b'ingeri zose bo muri Leta z'Amajyepfo. Muri Nashville no hafi yaho, hari ibigo bikomeye by'uburezi abantu bacu bakwiriye kubaha. Ibyo bigo byatumye dushobora guteza imbere ibyerekezo bitari bimwe by'umurimo bituma tugera ku musaruro wari witezwe biturutse kuri iryo huriro.⁸⁴⁰

837 Letter 94a, 1909.

838 Letter 304, 1908.

839 Manuscript 21, 1908.

840 Letter 262, 1903.

Umujiyi wa Memphis n'Imijyi yo mu Majyepfo: Uwiteka yampaye ubutumwa ngo mbushyikirize mwene Data -----, ubwo butumwa bwamutegekaga gutangira umurimo mu mujiyi wa Memphis. ... Yumviye ijamba ry'Uwiteka Imana, kandi yavuze ko yaje kubona umusaruro utangaje muri uwo mujiyi.

Nahawe amabwiriza yo kubwira abantu bacu batuye mu mijyi yo mu Majyepfo ngo, "Mureke ikintu cyose gikorwe kiyobowe n'Imana. Umurimo wegereje iherezo ryawo. Twegereje iherezo ry'ibihe kurenza igihe twizereye."⁸⁴¹

Imijyi ya New Orleans, Memphis na S.Louis: Hari umurimo ukomeye tugomba gukora kandi dufite igihe gito cyane tugomba kuwukoramo. Mu Majyepfo hari imijyi, ari yo: New Orleans, Memphis na S.Louis, kandi muri yo hakoze umurimo muto cyane, kandi haracyari n'indi myinshi tutarinjiramo. Aho hantu hose hagomba kuzamurwa ibendera ry'ukuri. Tugomba kugeza ukuri ku bantu twambaye imbaraga n'ubushobozi.⁸⁴²

Ibwirizabutumwa mu Mujiyi wa New Orleans n'Imijyi yo mu Majyepfo: Umujiyi wa New Orleans ukeneye gukorwamo umurimo. Mu gihe gikwiriye muri uyu mwaka, hakwiriye gukorwa ivuna. Amateraniro makuru agombakubera ahantu henshi, kandi umurimo wo kwamamaza ubutumwa ugakorwa amateraniro makuru arangiye. Nitugenza dutyo, nibwo imiba ijya mu kigeza cy'Imana izateranywa.

Muri iki gihe umurimo ugomba gukorwa muri New Orleans ukwiriye kwinjirwamo abantu bitanze biruseho, nategetswe n'Imana kuvuga nti: "Nimutyo abagabo n'abagore bazi ukuri kandi basobanukiwe inzira y'Uwiteka aho aribo binjira muri uyu mujiyi bajye gukora umurimo wayo buzuye ubwenge kandi bubaha Uwiteka. Abakozi batoranyirijwe gukora mu mujiyi wa New Orleans bakwiriye kuba babandi bifuriza icyiza umurimo w'Imana mu mitima yabo, abantu iteka bazahanga amaso icyubahiro cy'Imana, kandi imbaraga z'Imana ya Isirayeli akaba ari zo bagira umurinzi ubagenda imbere n'inyuma. Nta gushidikanya Uwiteka azumva kandi asubize amasengesho y'abakozi be nibamushakaho inama n'amabwiriza bakurikiza mu murimo we.

Abakozi binjira muri uwo murimo ndababwirira nti, 'Mwizere Imana; kandi mu mibanire yanyu n'abo tudahuye kwizera, mureke gukoresha ukuri bigaragarire mu mibereho yanyu. Igihe mwigisha inyigisho zerekeye ukwizera kwanyu, muje mukoresha amagambo yemeza abantu aha mu Ijambo ry'Imana, maze mureke ababatega amatwi babone ko icyifuzo cyanyu atari icyo guhangana nabo mu myizerere yabo, ahubwo ko ari icyo kubabwirira ngo, "Ni ko Uwiteka yavuze." "Byanditswe ngo," ni ryo ryabaga ari irarika rikomeye Kristo yahoraga ageza ku bantu.

⁸⁴¹ Letter 6, 1909.

⁸⁴² Manuscript 56, 1904.

Mubwiririshe imibereho yanyu kubaha Imana kugaragara mu bikorwa kuva ku kwizera kwanyu. Mureke bigaragare ko ukuri kutigera gutesha agaciro uwakwakiriye, ngo kumugire umuntu w'igihubutsi cyangwa utagira ikinyabupfura, cyangwa umurakare cyangwa utihanganira abandi. Ahubwo kwihangana kwanyu, ubugiraneza bwanyu, ineza yanyu, impuhwe zanyu no kubaha Imana nyakuri bigaragarire abantu bose; kuko ibyo ari byo bigize imico y'Imana mukorera.⁸⁴³

Abakozi Bakora mu Karere k'Amajyepfo: Mureke ababwirizabutumwa bakore batuje bageze ubutumwa ku bera n'ab'amabara atandukanye bo mu majyepfo. Mureke bakore mu buryo bashobora gufasha abantu bakeneye ubufasha kurenza abandi, abantu bazengurutse n'ibibareshya bibayobya. Benshi muri bo bategekwa n'abantu bazabyutsa umwuka mubi mu mutima wa muntu. Abatambyi n'abakuru bo mu gihe cya Kristo bakoze uko bashoboye bagera ku ntego yabo yo kubyutsa umwuka mubi mu mbaga y'abantu, bitewe n'uko bari injiji, kandi ibyiringiro byabo bari barabishyize mu mwana w'umuntu. Uko ni ko bashowe mu kurwanya no kwanga Kristo no guhitamo igisambo n'umwicanyi mu cyimbo cy'Umukiza. Umurimo ugomba gukorwa mu majyepfo ukwiriye gukorwa mu ituze, nta rusaku rwumvikana cyangwa imyiyereko. Ababwirizabutumwa bahindutse by'ukuri kandi bumva uburemere bw'umurimo, basaba Imana ubwenge, kandi mubareke bajye muri ako karere bafite ubwitonzi n'ubushishozi bwose uko bashoboye. Ababwirizabutumwa b'abavuzi bashobora kubona ahantu bakoroshya ububabare bw'abantu bari gupfa bazira indwara z'umubiri. Bakwiriye kugira amikoro kugira ngo babashe kwambika abambaye ubusa no kugaburira abashonji. Umurimo wa gikristo wo gufasha uzakora ibirenze kubwiriza ibibwirizwa.... Nimureke abakozi bakore nka Kristo, kugira ngo kubw'itegeko ndetse n'icyitegererezo batanga babashe kugaragaza imbaraga izahura abantu. Mureke babe bafite ibyigisho bikwiriye kandi byoroheje cyane bagomba kubwira abantu babikuye mu mibereho ya Kristo. Ntibakwiriye kwibanda cyane ku byerekeye amahame cyangwa ibigize kwizera kwacu bizabera abantu nk'inzaduka cyangwa ibintu bishya; ahubwo bakwiriye kubabwira iby'imibabaro ya Kristo n'igitambo cye. Bakwiriye kwerereza ku gukiranuka kwe kandi bakagaragariza abantu ubuntu bwe; nibagaragaze ubutungane bwe ko kwera kw'imico ye. Abakozi bo mu karere k'Amajyepfo bakeneye kwigisha abantu [Ijambo ry'Imana], umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, aha bikeya, hariya bikeya." (Yesaya 28:10).⁸⁴⁴

Abakozi Bakora mu Mijyi yo mu Majyepfo Bakwiriye Gushyigikirwa: Uwituka Imana yahoze ikora kuva kera. Bavandimwe, aho kunenga ibyakozwe, amagambo yawe yazigamire kuyabwira imijyi minini itarigeze ikorwamo umurimo wo kwamamaza ubutumwa nka New Orleans, Memphis na St. Louis. Jya aho hantu maze ubwirize abantu ubutumwa, ariko ntukigere uvuga ijamba ryo kunenga abantu bagerageje gukora uko

⁸⁴³ Manuscript 49, 1907.

⁸⁴⁴ Review and Herald, Dec. 24, 1895. [Urwibutso n'Integuza].

bashoboye bagakora byose mu mbaraga zabo zose kugira ngo umurimo w'Imana utere imbere. Rimwe na rimwe abo bakozi bajyaga bacika intege, ariko twakomeje kujya tubasabira. Aho nabaga ndi hose, najyaga nsaba ubwoko bw'Imana kubasabira.⁸⁴⁵

Filadelefiya, New Orleans na St. Louis: Muravuga ibyerekeye umurimo wagombye gukorwa muri Amerika, ariko utigera ukorwa. Ndashaka kuvuga kurituriya turere twirengagijwe nk'uko natweretswe. Ntabwo mvugira gusa akarere k'amajyepfo, ahubwo ndavugira cyane cyane imijyi minini. Kuba yarirengagijwe kandi itaraburiwe ni ikintu gicira urubanza abantu bacu bavuga ko ari ababwirizabutumwa batumwe na Databuja. ...

Imana iracyaducyaha bitewe n'uko hari imijyi minini iri bugufi bwacu itarakorwamo umurimo kandi itaraburirwa. icyaha gikomeye cyo kwirengagiza kiregwa abantu bamaze igihe kirekire mu murimo hano muri Amerika, ariko bakaba barirengagije kwinjira mu mijyi minini. Mbese ni iki cyakozwe muri Filadilefiya, muri New Orleans, muri St. Louis no mu yindi mijyi nshobora kuvuga amazina? Nta bintu byinshi twakoze muri misiyoni zo mu bindi bihugu, ariko iyo tubigereranije n'ibyakoze mu mijyi itwegereye, dusanga nta cyo twakoze.⁸⁴⁶

IMIYI YO MURI YO MURI LETA ZO HAGATI

Ibikenewe mu Mijyi Minini Harimo n'uwa Detroit: Muri New York, Detroit no mu yindi mijyi minini myinshi, hakoze umurimo muto cyane. Nubwo imijyi yo mu Majyepfo yashyizwe imbere y'abantu bacu mu bihamya by'Umwuka w'Imana, yarirengagijwe. Nubwo ntashaka guhagarika ukuboko kuramburiwe gukora umurimo mu bihugu bya kure, ndifuza ko abantu bacu basobanukirwa ko hakiri umurimo ugomba gukorwa iwacu.⁸⁴⁷

Umujyi wa Cleveland na Cincinnati: Imana ifite ubugingo bw'abantu benshi mu mujyi wa Cleveland na Cincinnati no mu yindi mijyi myinshi ikeneye kugezwaho ukuri kudasanzwe kwagenewe iki gihe turimo.⁸⁴⁸

Imijyi ya Cleveland na Cincinnati: Uwiteka afite abantu benshi bagaciro kenshi muri Cleveland, muri Cincinnati, no mu yindi mijyi. Abo bantu bagombye kugezwaho ukuri kwihariye kugenewe iki gihe.⁸⁴⁹

Kugeza Imiburo muri Chicago Iturutse mu Kigo cyo mu Cyaro: Muri iki gihe, bizaba ngombwa ko abantu bamwe bajya gukora mu mujyi wa Chicago (Shikago); ariko bakwiriye kubanza gutegura ibigo biri mu turere two mu cyaro, akaba ari ho bazahera bajya gukorera mu mujyi. Uwiteka Imana ashaka ko ubwoko bwe bureba ahabukikije, maze bugashaka hantu hatuje kandi hadahenze akaba ari ho haba ihuriro ry'umurimo bukorera.

845 *Review and Herald*, May 25, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

846 *Letter* 187, 1905.

847 *Letter*, 43, 1903.

848 *Manuscript* 19a, 1890.

849 *Manuscript* 19a, 1890.

Uko iminsi izajya ihita indi igataha, ni ko bazajya babona ahantu hanini bashobora kugura ku giciro gito bitangaje.⁸⁵⁰

Umurimo w'Ingenzi mu Muji wa Denver: Nkurikije uko mbibona, ndareba ngasanga mu muji wa Denver hakeneye gukorwa umurimo ufatika. Mu myaka yashize hakoze ibintu byinshi byari bigambiriye gukoma mu nkokora iterambere ry'umurimo w'Imana, kandi uwo mwuka mubi ntiwarangiye ijana ku ijana.

Muri uwo muji wa Denver hari itsinda rinini ry'abantu b'amabara anyuranye. Nimutyo hakoreshwe umwete udasanze ku bwabo, kandi ugirwe n'abizera b'itorero b'ibara ryera n'abandi mabara. Mureke umwuka w'ivugabutumwa ukangurwe. Mureke umurimo ukoranwe umwete ukorerwe abantu batazi ukuri.⁸⁵¹

IMIYI Y'IBURENGERAZUBA

Imiyi yo muri Leta ya Kaliforniya (California): Hari umurimo ugomba gukorwa mu mijyi ya Kaliforniya, -kandi ni umurimo wagiye wirengagizwa cyane. Mureke uyu umurimo we gukomeza gukererwa. Mu gihe imiryango ikinguririwe kugira ngo ukuri kuvugwe, nimutyo twitegure kuyinjiramo. Hari umurimo wigeze gukorwa mu muji munini wa San Francisco, ariko iyo twize imiterere yaho, tubona neza ko umurimo wahakozwe ari intangiriro gusa. Vuba bidatinze hakwiriye gutegurwa no gukorwa amavuna mu bice bitandukanye by'uyu muji, ndetse no mu muji wa Oakland. Ibyaha bikabije byo muri San Francisco ntibigaragarira abantu. Umurimo dukorera muri uyu muji ugomba kwaguka no kwimbika. Imana iwubonamo abantu benshi bagomba gukizwa.⁸⁵²

Mbese ntituzakora uko dushoboye kose kugira ngo dutangize umurimo mu mijyi ikomeye ya San Francisco, Oakland no mu yindi mijyi yose yo muri Kaliforniya? Abantu ibihumbi byinshi batuye mu mijyi itwegereye bakeneye ubufasha mu buryo butandukanye. Nimureke abagabura b'ubutumwa bwiza basobanukirwe ko Umwami wacu Yesu Kristo yabwiye intumwa ze ati: "Muri umucyo w'isi." Matayo 5: 14.⁸⁵³

Amateraniro yo mu Mahema Yabereye mu Burengerazuba: Amateraniro abera mu mahema afite ibikoreshe bihagije akwiriye kubera mu mijyi minini, nko muri San Francisco; kuko bidatinze iyi mijyi izagerwaho n'ibihano by'Imana. Umujyi wa San Francisco n'uwa Oakland iragenda ihinduka nka Sodomu na Gomora, kandi Uwitaka azayisukaho umujinya we.⁸⁵⁴

Umurimo Uzahinirwa Bugufi: Umujyi wa San Francisco wagezweho n'ibihano biremereye, ariko umujyi wa Oakland wo wagiriwe imbabazi

⁸⁵⁰ *Medical Ministry*, p. 305, 306. (1906)

⁸⁵¹ *Letter* 84, 1901.

⁸⁵² *Testimonies*, vol. 7, p. 110. (1902). [Ibihamya by'Iitorero]

⁸⁵³ *Manuscript* 79, 1900.

⁸⁵⁴ *Manuscript* 114, 1902

urarokoka. Igihe kizagera ubwo umurimo wacu muri iyo mijyi uzahinirwa bugufi, bityo rero ni ingenzi ko dukorana umwete muri iki gihe kugira ngo tubwire abatuye iyo mijyi utubumwa Uwiteka abatumaho.⁸⁵⁵

Ubutumwa bw'Imbuzi ku Bakozi Bakora muri San Fransisco: Umurimo uri kuja mbere muri San Fransisco ni umurimo mwiza. Ariko ku ntambwe yose iterwa, hakenewe kuba maso no gusenga; kubera ko hazaduka ibintu byinshi bigambiriye gutera urujijo mu bakozi no kubagusha mu mutego. Bavandimwe, Imana yampaye ijamba ngomba kubagezaho rigira riti, "Mube maso kandi musenge." Mube maso kugira ngo mudatambamira umurimo w'Imana, mukaba mwatuma ukuri kubangamirwa. Nimurimbishishe ibiganiro bizima ibyo mwatura ko mwizera. Nimwimakaze ubuntu butangwa na Mwuka Wera, bitabaye bityo, muzaba intambamyi mu nzira y'umurimo w'Imana. Nimutunganye inzira igororotse mukwiriye gucamo, nibitaba bityo abacumbagira bazateshurwa inzira.⁸⁵⁶

Inkengeri z'Umujyi wa Oakland: Umutima wanjye wuzuye intimba -(kandi nta bundi buryo nabivugamo)-. kubera ko aho hantu kimwe n'ahitwa Petaluma haba harirengagijwe. Umunsi umwe umugabura yaje kubwiriza abizera, ariko nta mbaraga zakoreshejwe kugira ngo ukuri gushyirwe imbere y'abantu. Njye sinshobora kwiyumvisha impamvu yatumye Petaluma hirengagizwa. Aha hantu ni iruhande rwa San Fransisco, nyamara ku bijyanye n'umwete wakoreshwa ngo ukuri kuvugwe muri Petaluma, hameze nk'aho aha hantu ari kure cyane nk'umugabane wa Afurika.

Hari umurimo ugomba gukorwa muri San Fransisco, muri Oakland ndetse n'ahahakikije. Imijyi ibangikanye n'iyi yombi na yo ikeneye kuvugwamo ubutumwa. Ooh! Ndabona ukuntu abagabura bacu bakeneye cyane guhabwa umwuka wo kuvuga ijwi riranga mbere y'uko igihe cyo kubwira abantu ubutumwa ngo bihane kirangira.⁸⁵⁷

Ibyo Twigiye mu Materaniro Yaberaga Ahadatwikiriye mu Yindi Mijyi: Mu mezi make ashize twateguraga amateraniro azabera mu dushyamba hafi y'imijyi ya St. Helena, Calistoga ndetse n'ahandi ho mu Kibaya cya Napa. Iteraniro rya mbere ryabaye ku Cyumweru, ku itariki ya 7 Kanama, ribera muri pariki ya Hoti springi (Hot Springs) y'ahitwa Calistoga. Konferanse yari yadutije intebe zizingwa. Abizera bo mu itorero rya Calistoga bari bafite ishyamba ryo kugeza ukuri mu bantu batarigera bakumva, bityo ayo materaniro bayateguranye ubushishozi. Twari dufite icyizere ko gukorera amateraniro ahantu hadatwikiriye ku gasozi bizaba uburyo butuma tugera ku bantu bamwe batajyaga kwitabira amateraniro yari kubera imbere mu rusengero. Kandi ni ko byagenze.

855 *Manuscript* 25, 1908.

856 *Manuscript* 105, 1902.

857 *Letter* 113, 1902.

Nubwo uwo munsu wari ufite ubushyuhe bwinshi cyane, ntibyabujije abantu benshi cyane kwitabira ayo materaniro. Uwitaka yampaye uburenganzira busesuye bwo kubwiriza abo bantu. Abantu basaga n'abanejewe cyane n'ayo materaniro, maze amateraniro arangiye, batangaza igihe andi materaniro azongera kubera aho hantu ku Isabato itaha no ku Cyumweru. Abantu bacu bateranaga ku Cyumweru mu museso tukiriranwa umunsu wose muri iryo teraniro ryaberaga mu gashyamba. Abantu benshi baje ku Cyumweru cya kabiri kurenza abaje ku Cyumweru cya mbere.

Duteganya gukomeza kuja tugira bene ayo materaniro abera hanze y'insengero. Nizera kandi ko hari ibintu byiza byinshi bizagerwaho kubwayo. Irindi teraniro rizabera hafi y'umujyi wa St. Helena, turamutse tubonye ahantu heza twayakorera.

Turifuza gukora ibishoboka byose kugira ngo tuburire abantu badukikije tubabwira ibyo kugaruka k'Umukiza kwegerereje. Umutima wanjye uhangayikishijwe n'abantu bataramenya ukuri kugenewe iki gihe.⁸⁵⁸

Muri Kaliforoniya y'Amajyepfo: Hari umurimo ugomba gukorwa mu mujyi wa Los Angeles. Muri Kaliforoniya y'amajyepfo n'ahandi hantu henshi, hatanga icyizere cy'uko umurimo w'ivugabutumwa rijyana n'inyigisho z'ubuzima uramutse uhakozwe watanga umusaruro. Abagabura bacu n'ababwiririshabutumwa ibitabo bakwiriye kujiyaye, bakareba amahirwe bahafite yo kubwiriza ubutumwa, no kuhayobora amateraniro igihe babonye uburyo..... Bakwiriye kuvuga Ijambo ry'Imana mu buryo busobanutse kandi bakarivugana imbaraga, kugira ngo abafite amatwi yumva bashobore kumva ukuri. Ababwiriza bakwiriye gushaka aho babwiririza hatandukanye na Kaliforoniya y'amajyepfo, bagashyira ubutumwa bwiza bugenewe iki gihe turimo abantu batarabumenya.⁸⁵⁹

Mu Mujyi wa Los Angeles: Nahawe umucyo udasanze werekeye imiterere n'ubunini bw'umurimo ukwiriye gukorwa mu mujyi wa Los Angeles. Ibihe byinshi nahawe ubutumwa bwerekeye inshingano dufite yo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu muri uriya mujyi dufite imbaraga.⁸⁶⁰

Mu Mujyi wa Redlands n'uwa Riverside: Hari umurimo ukomeye tugomba gukora mu mujyi wa Redlands n'uwa Riverside. Amatorero ahari agomba kongerwa. Nimutyo umurimo uje mbere muri iyo mijyi.⁸⁶¹

Ubutumwa mu Mijyi Minini yo mu Burengerazuba: Byaba ari amakosa kubaka cyangwa kugura inyubako nini mu mujyi wa Kaliforoniya y'amajyepfo. Abantu basa n'ababona ko mu kugenza dutyo harimo inyungu nyinshi babiterwa no kudasobanukirwa.

858 *Review and Herald*, July 14, 1903. [Urwibutso n'Integuza].

859 Manuscript 105, 1902.

860 *Review and Herald*, March 2, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

861 Letter 193, 1903.

Muri iyo mijyi minini, hari umurimo ukomeye wo kubwiriza ubutumwa bwiza bugenewe iki gihe ugomba gukorwa, ariko byabaye ikosa kuhagira inyubako nini cyane kubw'umurimo ugaragara ko ari igitangaza. Uwiteka yifuza ko abantu bagendana nawe bicishije bugufi. Ubutumwa bw'imbuzi bukwiriye kumvikana mu mijyi minini yasayishije.⁸⁶²

IGICE CYA 12

GUSAKAZA UBUTUMWA MU YINDI MIGABANE Y'ISI

KUVUGA UBUTUMWA MU BURAYI

Isi Yose Ikwiriye Kumurikirwa n'Umucyo: Muri iki gihe, mu mijyi yose no mu turere twa kure tw'isi hakwiriye kubaho abantu bahagarariye ukuri kw'iki gihe. Isi yose ikwiriye kumurikirwa n'ubwiza bw'ukuri kw'Imana. Umucyo ukwiriye kumurikira ibihugu byose n'amoko yose. Kandi umucyo ugomba kumurika ahantu hose uturutse ku bamaze kukwakira. ...

Ibihugu bimwe bifite amahirwe atuma byaba amahuriro y'umurimo w'uburezi n'ibigo bizana impinduka mu babigana. Mu bihugu bivugwamo icyongereza no mu bihugu bigendera ku matwara ya Giporotestanti byo mu Burayi, biroroshye cyane kubona uburyo bwo kuvugana n'abantu, kandi hari inyungu nyinshi yo kuba hashingwa ibigo no kuhakomereza umurimo.... Amerika ifite ibigo byinshi byatuma umurimo w'ibwirizabutumwa ugaragara nk'uko uri. Ibigo nk'ibyo bikwiriye gushingwa mu Bwongereza, Australiya, mu Budage, muri Sikandinaviya (Scandinavia); no mu bindi bihugu bitegereye inyanja hakurikijwe uko umurimo wajya ujya mbere. Muri ibyo bihugu, Imana ifiteyo abantu bashoboye, akaba ari abakozi bamenyereye umurimo. Abo bantu bashobora gufasha mu gikorwa cyo gushinga ibigo, gutoza no guhugura abakozi, ndetse no guteza imbere umurimo mu byiciro byawo bitandukanye. Imana ishaka ko abo bantu bahabwa amikoro n'ibikoresho. Ibigo byashinzwe bikwiriye kuba icyitegererezo cy'umurimo ugomba gukorwa mu bindi bihugu, kandi ukwiriye kuba inzira yo gutoza abakozi bazajya mu bihugu by'abapagani. Muri ubu buryo, imikorere myiza y'abakozi bacu bafite ubunararibonye yakwikuba incuro nyinshi...

Birambabaza cyane iyo ntekereje ko hari ibintu byinshi bikenewe bitatanze ngo umurimo ukorwe mu Burayi. Iyo ntekereje iby'umurimo wagombaga gukorwa mu Busuwisi, mu Budage, muri Noruveje no muri Suwede numva umutima undya. Ahantu hari umukozi umwe cyangwa se babiri biyuha akuya kugira ngo bateze imbere amashami atandukanye y'umurimo w'ibwirizabutumwa hakwiriye kuba hari abakozi amagana menshi.⁸⁶³

Umurimo Ukomeye mu Burayi: Mu Burayi hari umurimo ukomeye ugomba kuhakorwa. Ijuru ryose ntiriyitaye ku bihugu biri hafi gusa bikeneye ubufasha bwacu, ahubwo riyitaye no ku bihugu biri kure. Abaturage b'ijuru bose bari mu murimo bashishikaye, bita ku isi yoramye mu cyaha. Bitaye cyane ndetse byimbitse ku gakiza k'abantu, ari bo baturage b'iyi si boramye mu cyaha.⁸⁶⁴

Abantu babwiriza ubutumwa bw'ukuri mu Burayi bahawe umurimo ukomeye.... Hari mu Bufaransa no mu Budage, ndetse n'imijyi yaho minini ifite abaturage benshi cyane. Hari mu Butaliyani, Esipanye no muri Porutigali, hiyongera ku bindi bihugu byinshi bikiri mu mwijima, . . . Aho hose hakinguriwe kubwirwa Ijambo ry'Imana. Hakinguriwe kwakira ubutumwa bw'imbuzi bugenewe abatuye isi. Si aho gusa, hari igihugu cy'u Buholandi, Otirishiya, Rumaniya, Turukiya, Ubugiriki n'Uburusiya. Ibyo bihugu bituwe na za miliyoni nyinshi z'abantu, kandi ubugingo bw'abo bantu batagize icyo bazi cyerekeye ubutumwa bwihariye bugenewe iki gihe ni ubw'agaciro kenshi mu maso y'Imana kimwe n'ubwacu....

Muri ibyo bihugu hakozwe umurimo mwiza. Harimo abantu bakiriye ukuri, bameze nk'abatwaramucyo batataniye mu bihugu hafi ya byose.... Ariko se iyo ugereranije ibyakozwe n'umurimo uri imbere yacu tugomba gukora, mbega uburyo ibyakozwe ari ubusabusa! Abamarayika b'Imana bariho bagenderera imitima y'abantu babategurira kwakira ubutumwa bw'imbuzi. Ababwirizabutuma barakenewe ahantu hatarigera hagezwa ubutumwa. Ukuri gukwiriye gusobanurwa mu ndimi zitandukanye kugira ngo amahanga yose yishimire imbaraga yabwo itunganye kandi itanga ubugingo.⁸⁶⁵

.....**Guhamagarirwa Umurimo Mugari kandi w'Ingenzi:** Igihe kirageze ngo mu Burayi hakorwe ibintu byinshi. Umurimo wagutse uhwanyeye n'uwakozwe muri Amerika ushobora no gukorwa mu Burayi. Mureke amavuriro ashingwe ndetse ndetse na za resitora zitegura amafunguro asukuye. Nimutyo umucyo w'ukuri kugenewe iki gihe umurikire abantu ukwirakwijwe n'ibitangazamakuru. Nimutyo umurimo wo gusobanura ibitabo ukomeze kujya mbere. Neretswe ko amatabaza azakongezwa ahantu henshi mu bihugu byo mu Burayi.

⁸⁶³ *Testimonies*, vol. 6, pp. 24-26. (1900).

⁸⁶⁴ *Manuscript* 65, 1900.

⁸⁶⁵ *Life Sketches*, p. 304, 305. (1906)

Hari ahantu henshi umurimo w'Imana utaragaragara nk'uko bikwiriye. Hakenewe ubufasha mu Butaliyani, mu Bufaransa, muri Sikotilandi no mu bindi bihugu byinshi. Umurimo wagutse kurutaho ukwiriye gukorwa muri ibyo bihugu. Hakenewe abakozi. Mu bwoko bw'Imana butuye mu Burayi hari impano kandi Imana ishaka ko iyi mpano ikoreshwa mu gushinga ibigo mu Bwongereza no mu mijyi yo mu Burayi aho umucyo w'ukuri kwayo ushobora kumurika uturutse.

Muri Sikandinaviya na ho hari umurimo ukeneye gukorwa. Imana irakiranuka kandi ishaka gukorera mu bizera bo muri Sikandinaviya nk'uko yakoreye mu bizera bo muri Amerika.

Bavandimwe, nimwomatane n'Umwami Imana Nyiringabo. Niba hari uwo mugomba gutinya, mukwiriye gutinya Imana. Igihe kirasohoye kugira ngo umurimo wayo wagurwe. Ibihe bishishana biri imbere yacu, ariko niduhagarara dufatanye urunana mu bumwe bwa Gikristo, nta n'umwe uhatanira ubutware, Imana izadukorera ibikomeye.⁸⁶⁶

Mu Burayi Hakenewe Imbaraga Nyinshi: Kugira ngo umurimo usohozwe, mu Burayi hazasaba gukoresha imbaraga nyinshi cyane ugereranije no muri Amerika kubera ko abaturage baho bakennye. Ikindi kandi, hari abapasitoro batabarika. Dutekereza ku magambo intumwa Pawulo yavuze agira ati: "kuko igihe kizaza . . . bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo..." (2Timoteyo 4:3). Iyo ukuri kukimara kugezwa ahantu runaka, abapasitoro bo mu matorero atandukanye barahuruzwa maze bakoherezwa ngo batangire amateraniro y'ububutse. Ayo materaniro aza kwitwa ibiterane bikuru. Ayo materaniro amara ibyumweru kandi hakaba nk'abapasitoro barenze icumi; hagakoreshwa abafite ubuhanga buhanitse, maze muri ayo matorero hakavugirwa amagambo y'imiburo n'ibikangisho bigamiye kurwanya Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi. Babashyira mu rwego rumwe n'abo mu idini ya Morumo⁸⁶⁷, bavuga ko bagenzwa no gusenywa amatorero no kubiba amacakubiri.

Biraruhije kubona abantu, ariko uburyo bwonyine tubona ko bwatuma tugera ku ntego ni ukugira gahunda yo gusomera umuntu umwe umwe Bibiliya, bityo muri ubu buryo, umuntu umwe, babiri cyangwa batatu bakemera ukuri. Abo bemeye ukuri basura abandi kandi bakagerageza kubakundisha ubutumwa, bityo umurimo ugakomeza gukorwa buhoro buhoro nk'uko byagenze muri Lausanne. Ariko aho ho, abagera kuri makumyabiri bakiriye ukuri, kandi ibyo si byo byiza byahakozwe gusa, kuko hari n'abasore bariho bitegura kuba abakozi; bari kwitoza neza ndetse bahawe uburezi buzababashisha kuba ingirakamaro biruseho mu murimo w'Imana.⁸⁶⁸

866 *Testimonies*, vol. 8, p. 38. (1904). [Ibihamya]

867 *Mormons*: Ni idini yavukiye muri Amerika mu myaka ya 1920, ishinze n'uwitwa Joseph Smith. Uyu Smith yavuze ko yabonekewe na Yohana umubatiza amuha inshingano zo kuvugurura itorero rya Gikristo. Nubwo iyi dini hari amahame menshi ya Gikristo yemera kandi akemera na Kristo, ntiyemera ubutatu bugize Imana imwe, ahubwo yemera ko hari imana eshatu zitandukanye. [Byanditswe n'uwasobanuye iki gitabo]

868 *Letter 44*, 1886.

Kugera ku Bizera b'Itorero Bakora muri Leta zo mu Burayi: Nkurikije umucyo nahawe werekeye abantu bo muri iki gice cy'igihugu, ndetse ahari mu Burayi hose, hari akaga ko kubyutsa umwuka mubi wo guhangana mu gihe cyo kwigisha ukuri. Hari ukuzuzanya guke hagati y'ukuri kugenewe iki gihe n'amahame y'itorero abantu benshi bavukiyemo kandi bakuriyemo. Kandi usanga buzuye urwikekwe, ndetse bategekwa rwose n'abapasitoro babo ku buryo ibihe byinshi badatinyuka no kuza ngo bumve ukuri kwigishijwe. Ubwo rero ikibazo kivuka ni iki ngo, 'Ni buryo ki abo bantu bagezwaho ubutumwa?' 'Ni gute umurimo ukomeye wo kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa gatatu uzarangira?' Uyu murimo ukwiriye kurangizwa mu buryo bwagutse no gukoresha umwete udacogora wa buri muntu wese binyuze mu gusura abantu mu ngo zabo.⁸⁶⁹

Intumwa ya Bucece: -Umuntu umwe aravuga ati: "Reka tuvuge ko tudashobora kwemererwa kwinjira mu ngo z'abantu; cyangwa niba tunahinjiye, barahaguruka bakamagana ukuri twigisha. Mbese aho ntitwakumva tubohotse kubw'uko tutakongera gukora uko dushoboye ngo tubagezeho ubutumwa?" Ibyo si byo rwose. Nubwo mwakomanga bakanga kubakingurira, ntimugasubire inyuma mukozwe n'ikimwaro ngo murekere aho gushishikarira kubakiza. Nimusabe Imana mufite kwizera kugira ngo ibahe uburyo bwo kugeza ubutumwa kuri abo bantu. Nuramuka utageze ku ntego ukoresheje gusura ku giti cyawe, gergeza koherereza abo bantu intumwa ibabwira bucece. Mu mutima w'umwana w'umuntu habamo ubwibone bwinshi ku buryo ibitabo byacu n'inyandiko zacu akenshi byinjira aho umuntu atabasha kwinjira.

Neretswe ukuntu rimwe na rimwe abantu bo mu Burayi ndetse no mu bindi bihugu bafata inyandiko. Umuntu ahabwa ikinyamakuru cyangwa ubutumwa bwanditswe nyirabwo atimenyekanishije. Anyuzamo amaso, agasangamo ikintu kidahuje n'ibyo yari asanzwe yemera, maze akakijugunya hasi. Ariko nubwo akijugunye, amagambo make ntiyibagirana. Nubwo ayo magambo aba atakiriwe, aguma mu ntekerezo zabo kugeza ubwo bazagira ubwuzu bwo kongera gusoma ya ngingo bigeze gusoma. Wa muntu arongera agafata ka gapapuro, maze uwo musomyi akabonamo ubutumwa buhabanye n'ibitekerezo yakundaga cyane n'imigenzo yamenyereye, umujinya ukamwica, akongera kukajugunya hasi. Ariko iyo ntumwa bajugunye hasi ntacyo ivuga gituma uwo muntu akomeza kuyirwanya, bityo iyo uburakari bucururutse, maze akongera kubona ka gapapuro, kongera kumubwira ya nkuru yoroheje imuganisha ku kuri idakebakeba, bityo wa muntu akongera kukabonamo amabuye y'agaciro kenshi. Abamarayika b'Imana baba bari hafi kugira ngo bacengeze mu mutima ya magambo yavuzwe n'agapapuro, kandi nubwo aba atabishaka, amaherezo yemera ya magambo, bityo umucyo ugasaba mu bugingo bwe. Abantu bahindutse batyo batabishakaga, akenshi bagaragara ko ari bamwe mu bizera b'ingirakamaro, kandi inzira banyuzemo ibigisha gukorera abandi badacogora.⁸⁷⁰

869 *Historical Sketches*, pp. 149, 150. (1886)

870 *Historical Sketches*, p. 150. (1886)

Amateraniro Abera Ahadatwikiriye n'Abera mu Mahema: Nasabwe kugira icyo mvuga kijyanye no kuyobora amateraniro abera mu mahema mu Burayi. Nkurikije umucyo Imana yampaye, nababwiye ko ahantu hamwe amahema ashobora gukoreshwa bigatanga umusaruro mwiza, kandi ko iyo amateraniro yayobowe neza ashobora gutanga umusaruro uhebuje. Ntabwo namenye impamvu icyo gihe bampamagaje ngo mvuge kuri iyi ngingo, ariko namenye ko byatewe n'uko mwene Data ----- ---- yari aherutse kuvuga amagambo arwanya ikoreshwa ry'amahema mu materaniro.

Ubwo ni bwo nababwiye ko ntashyigikiye amateraniro abera ahantu hadatwikiriye. Kubwiririza ahantu hadatwikiriye byananizaga cyane ababwirizabutumwa bacu, bitewe n'uko byabasabaga gukoresha cyane imyanya igenga ijwi. Bagombaga kuvuga ijwi rirenga maze gukora batyo bikangiriza imvumba z'ijwi. Ikindi cyatumaga bene ayo materaniro adashyigikiye ni uko ikinyabupfura na gahunda bitashoboraga kurindwa. Gukorera amateraniro ahadatwikiriye ntibyari gutuma abantu bakuza akamenyero ko gucukumbura mu Byanditswe bashyizeho umwete kugira ngo bakure mu kigega cy'Imana ibintu bishya ndetse n'ibya kera.⁸⁷¹

....**Imana Izakora Ibikomeye:** Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa mu Burayi. Uyu murimo ushobora kubanza gusa n'ugenda buhoro buhoro ndetse bigoye; ariko Imana izakorera ibikomeye muri wowe nuramuka uyiye muri burundu. Ibihe byinshi uzaba usabwa kugenda ubitewe no kwizera, utagendeye ku marangamutima.⁸⁷²

Kugeza ku Mpera z'Isi: Umucyo w'ukuri ukwiriye kumurikira abantu kugeza ku mpera z'isi. Umucyo mwinshi uratumurikira ufite kurabagirana kw'ijuru ukura mu maso h'Umucunguzi ukajya ku bamuhagarariye ku isi, bityo nabo bakawukwirakwiza mu mwijima ubuditse ku isi. Nk'abakozi bakorana n'Imana, nimutyo dusabire kwezwa n'Umwuka wayo Wera, kugira ngo turushaho kurabagirana ...

Imbaraga zacu ntidukwiriye kuzirundanya ahantu hake hamaze kubona umucyo mwinshi ariko abantu bakaba batakwishimiye. Ubutumwa bwiza bukwiriye kubwirizwa mu mahanga yose, mu miryango yose, mu ndimi zose no mu moko yose.⁸⁷³

Guhetura Isi: Imana yahaye ubwoko bwayo ubushobozi kugira ngo bumurikire abatuye isi. Yahaye abantu ubushobozi bubabashisha kwagura no gusohozwa umurimo ugomba guhetura isi. Amavuriro, amashuri, amacapiro n'ibindi bigo bitari bimwe bigomba gushingwa mu turere twose tw'isi.

Ariko rero uyu murimo nturakorwa. Ibigo byinshi bisaba amikoro bigomba gutangizwa kandi bigatezwa imbere mu bihugu by'amahanga. Gutangiza amazu baguriramo amafunguro asukuye (resitora), kubaka

⁸⁷¹ Letter 2, 1885.

⁸⁷² Historical Sketches, pp. 128, 129. (1886)

⁸⁷³ Testimonies, vol. 8, p. 40. (1904). [Ibihamya by'Itorero]

amavuriro yo kwita ku barwayi n'imbabare, birakenewe mu Budage kimwe no muri Amerika. Nimutyo abantu bose bakore ibishoboka byose, birate Uwiteka, kandi baheshe abandi umugisha kubw'imirimo yabo myiza.

Kristo akorana n'abiyegurira kuja mu murimo w'ibwirizabutumwa ryifashisha ubuvuzi. Abagabo n'abagore bakora uko bashobye kose batizigamye bakubaka ibitaro n'amavuriro mu bihugu byinshi bazahabwa ingororano nyinshi. Abantu biyambaza ibyo bigo bazahungukira mu by'umubiri, iby'ubwenge no mu by'umwuka. Abatentebutse bazongerwamo imbaraga, abarwayi bazakizwa, kandi abaremerewe n'imitwari y'ibyaha bazayiturwa. Mu bihugu bya kure hazumvikana amajwi yo gushima Imana ava mu kanwa k'abantu bafite imitima yakuwe mu bubata bw'icyaha bakaba abagaragu bo gukiranuka. Kubw'indirimo zabo zo gushima, bazatanga ubuhamya buzatuma abandi bantu bayoboka ukuri.⁸⁷⁴

UBWONGEREZA N'IMIJI YABWO

Ni Buryo ki Ubwongereza n'Imiji Yabwo Byaburirwa? Hari imiji minini yo mu Bwongereza ndetse no ku mubagane w'Uburayi n'abantu za miliyoni zitabarika batigeze bumva ubutumwa buheruka bw'imbuze. Mbese abo bantu baburirwa bate? Iyaba ubwoko bw'Imana bwakoranaga kwizera, Imana yakora mu buryo butangaje maze ikarangiza uyu murimo. Nimwumve amagambo Kristo yivugiye ati: "Ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru," (Matayo 18:19). Mbega isezerano ry'agahozo! Mbese turaryizera? Mbega umusaruro utangaje waboneka iyaba amasengesho akubiye hamwe y'iri tsinda yazamukaga ajya mu ijuru basaba Imana bafite kwizera kuzima! Yesu Kristo ahora yiteguye kwakira ibyo dusaba ngo abishyikirize Se, avuga ati: "Nzi izina rya buri wese muri aba bantu. Subiza amasengesho yabo; kubera ko nanditse amazina yabo mu biganza byanjye."⁸⁷⁵

Kubwiriza Ubutumwa i London mu Bwongereza: Abizera b'itorero bakeneye kurangwa n'ishyamba n'ubwenge bubabashisha gucunga neza iryo shyamba. Mwese mwakoze umurimo mwitonze cyane wo gukiza imitima. Muramutse murebye umurimo wakoze mu muji wa London n'indi miji iwuzengurutse, namwe mwakunga ubumwe maze mugahuza imbaraga zanyu; mukarwana urugamba kugeza ku marembo, maze mukahashinga ibendera rigakomera, mushaka kwerekana ko ukuri gukwiriye gutsinda. Gukorana umususu no kwigengesera cyane byagaragaye ko ari ukubura kwizera; kandi byatumye mwitega kubona umusaruro muto. . . .

Kubera ko mu Bwongereza ibintu bigenda buhoro buhoro, si yo mpamvu yatuma umurimo mugari w'ibwirizabutumwa utihutishwa kugira ngo ushyikire bwangu ingeso z'abantu n'imigenzo byabo bitewe no gutinya gutungura abantu. Bakeneye gutungurwa cyane kurenze uko byabaye kuva

⁸⁷⁴ Letter 121, 1902.

⁸⁷⁵ *Historical Sketches*, p. 152. (1886)

mu itangira kugeza ubu. Umurimo w'Umwami Imana ushaka abawukorana ubwira; kubera ko abantu bari kurimbuka kandi bataramenya ukuri. ...

Dukwiriye kwitonda; ariko nubwo bamwe mu bakozi barindwa kandi bakagenda buhoro, nihatagira abantu bazi ko ari ngombwa kwihutisha uyu murimo bafatanyaga na bo, hari ibintu byinshi bizatakara, amahirwe menshi azaducika, kandi ubuntu bw'Imana budakingurira amayira ntibuzagaragara.⁸⁷⁶

Umurimo Ukomeye mu Bwongereza: Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa mu Bwongereza. Umucyo umurika uturutse mu muji wa London ukwiriye kohereza imirasire yawo yihariye kandi irabagirana mu turere twitaruye uwo muji. Imana yakozwe ibikomeye mu Bwongereza, ariko iki gihugu kivuga ururimi rw'Icyongereza cyarirengagijwe biteye ubwoba. Ubwongereza bukeneye abandi bakozi benshi namikoro akongerwa. Umujyi wa London wakozwemo umurimo udahagije. Iyo neretswe uko ibintu bimeze muri uwo muji munini, nkuka umutima ...

Mu muji wa London wonyine, hakeneye gushyirwa abakozi batari muni yijana. Uwiteka yandika ikerenswa ryose rikozwe ku murimo we, kandi abantu bazabibazwa cyane, nta na kimwe azasobwa.⁸⁷⁷

Ingabo z'Abakozi: Kuri njye ndareba ngasanga gukora umurimo mu Bwongereza ari ngombwa. Ni ikibazo cy'ingenzi kuri twe muri iki gihugu. Tuja tuvuga ibyerekeye Ubushinwa nibindi bihugu, ariko mureke twekwibagirwa ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza, aho abantu benshi bakwakira ukuri kandi bakakugenderamo baramutse bakwigishijwe.

Kuki nta wundi murimo wakozwe mu Bwongereza? Byatewe n'iki? Ahari byaba byaratewe n'uko abakozi babuze amikoro. Mbese ibyo ntibitubwira uburyo dukeneye kuzigama amikoro muri buri cyerekezo cy'umurimo? ...

Ntihagire umuntu utekereza ko umurimo ugomba gukorwa mu muji wa London wakorwa n'umuntu umwe cyangwa babiri. Ntabwo iyo ari gahunda nzima. Nubwo hagomba kubaho abantu bareberera umurimo, hakwiriye kubaho ingabo z'abakozi zihatanira kugera ku bantu b'ingeri zose. Hakwiriye gukorwa umurimo wo gusura abantu urugo ku rundi.⁸⁷⁸

Hazaza Inkunga y'Amafaranga: Hari umurimo ugomba gukorwa mu muji wa London. Nahawe umucyo unyereka ko uwo murimo ushobora gukorwa, kandi ko hazaza inkunga yubufasha izaturuka hanze yawo. Abantu bafite amafaranga bazatanga kuri ubwo butunzi bwabo. Ntimukwiriye kwitwararika mwiyuha akuya mubasaba amafaranga.⁸⁷⁹

⁸⁷⁶ Letter 32, 1892.

⁸⁷⁷ Testimonies, vol. 6, p. 25, 26. (1900). [Ibihamya by'Iterero].

⁸⁷⁸ General Conference Bulletin, April 22, 1901

⁸⁷⁹ General Conference Bulletin, April 22, 1901.

Ahantu ho Kubera Amateraniro: Mukodeshe Ibyumba Byiza: Ubu umurimo wo mu Bwongereza warushaho gutera imbere kurenza uko uri, iyaba igihe umurimo wahatangiraga bene Data bataragerageje gukoresha amavuna aciriritse. Iyo baba barakodesheje ibyumba byiza, maze bakahakorera nk'abagaragaza ko dufite ukuri gukomeye kugomba kuzatsinda byanze bikunze, baba barageze ku musaruro mwinshi cyane. Imana yari gushimishwa no kubona umurimo utangiye utyo ku buryo isura ya mbere yatanzwe ku murimo wacu yagombaga kuba ari yo sura ihebuje yashoboraga gutangwa.⁸⁸⁰

Ibibazo Bijyanye n'Amoko n'Inzego z'Abantu: Mu by'ukuri, hari ingorane nyinshi umuntu ahura na zo iyo abwiriza abantu ukuri, ndetse no mu turere two mu Bwongereza dutuwe n'Abakristo. Imwe mu ngorane zikomeye kurenza izindi ni itandukaniro mu mibereho riri hagati y'inzego z'abantu, ndetse no kwiyumvamo ubwoko. Iki kibazo kirakomeye cyane muri iki gihugu. Mu murwa w'iki gihugu, hari ba rwiyekezamirimo, abacuruzi, na ba nyakabyizi. Mu cyaro hari abantu bafite imitungo myinshi itimukanwa, abahinzi-borozi, n'abakozi bakora mu mirima, ayo ni yo matsinda atatu rusange, kandi hagati yayo hari itandukaniro rinini cyane ku byerekeye amashuri bize, imbamutima n'imibereho yabo muri rusange. Ntabwo byoroheye umuntu umwe gukora umurimo muri ayo matsinda yose icyarimwe. Kugira ubukungu bisobanuye ko umuntu aba akomeye afite n'imbaraga runaka; naho kuba umukene bijya kwegerana ko no kwibera imbata.⁸⁸¹

Abo mu Nzego zo Hejuru Bagezweho Binyujijwe ku Boroheje: Muri icyo gihugu usanga umugabane munini cyane w'abaturage babayeho ari abacakara b'abaherwe, kandi abo mu nzego zo hejuru nabo bakaba babohewe mu bubata bw'imigenzo yabaye karande, icyo umuntu yakwitega cyonyine ni uko iterambere ry'umurimo wo kwamamaza ukuri kutaramenywa na benshi rizabanza kugenda buhoro. Ariko bene Data nibihangana, kandi abakozi bagakanguka rwose ndetse bagashishikarira gukoresha neza amahirwe yose aboneka kugira ngo umucyo usakazwe hose, tuzaba twizeye neza ko umusaruro ushimishije uzaba utegereje gusarurwa mu Bwongereza. Kubwo kurangwa n'ubwenge no kwihangana, hazaboneka uburyo namikoro byinshi byifashishwa mu kugeza ubutumwa ku bantu.

Nta gushidikanya, iteka kugera ku bantu bo mu nzego zo hejuru bizakomera. Ariko inshuro nyinshi ukuri kuzicira inzira kugere ku bakomeye kubanje kunyura ku baturage baciriritse no ku bakene.⁸⁸²

Twahamagariwe Umurimo wo Kwitonderwa: Ntukwiriye gupfobya umusaruro wagezweho bitewe n'uko mu Bwongereza utahabonye umusaruro uhwanyeye n'uwabonetse muri Ositraliya (Australia). Mu gace ka

880 *Gospel Workers*, p. 462. (1915)

881 *Historical Sketches*, p. 164. (1886).

882 *Historical Sketches*, p. 166. (1886)

Grimsby, muri Ulceby hari abantu b'agaciro kenshi ndetse hari n'ahandi bazaza. Muri Southampton hari abantu bamwe beza, kandi umuvandimwe nasanze kwa mwene Data ----- ndetse n'abandi bake buzura nawe, ndabona baba ibikoresho byiza. Kubaatabona ingingo yose nk'uko tuyibona bidusaba ubwenge mu kubitwaraho, kugira ngo tubashe gufatanyana nabo aho bishoboka hose kandi twe gushyira n'icyuho hagati yacu nabo.

Ndiringira ko mushiki wacu ----- azitabira mu b'imbere niharamuka hakoreshejwe ubwenge mu kumurarika. Abantu nk'abo si abo kwirengagizwa, ahubwo hakwiriye gukoreshwa umwete kugira ngo babahwiturire kwakira ukuri kw'agaciro. Turashaka ko uriya mugore aba umukozi w'Imana.... Gushakisha intama zazimiye no gukoresha umwete wose kugira ngo zizanwe mu mukumbi ni umurimo mwiza cyane. Bizatwara igihe kugira ngo bareke ibitekerezo byabo by'amayobera n'ubuyobe bafite, ariko dukwiriye kwihangana ntitubahutaze ngo tubaheze. Imana irakorana na bo, kandi iyo nshubije amaso inyuma nkareba uko byari byifashe mu gihe cyashize, mbona ko hari ibicantegere byinshi cyane twagombaga gutegeka kandi n'ubu tugomba guhangana na byo muri aka gace k'Ubwongereza bwa kera.⁸⁸³

Imana Izita ku Bakiranutsi Bari mu Bwongereza: Twagiye ahitwa Risely duherekejwe na mwene Data S.H. Lane. Ni umujyi muto uri ku birometero nka mirongo itanu uvuye mu murwa wa London. Aho hantu ni ho bene Data Lane na Durland bari bamaze ibyumweru bine bahakorera amavuna yabera mu mahema. Ihema ryicaragamo nibura abantu magana atatu, kandi nimugoroba hazaga abantu benshi rikuzura, ugasanga abantu benshi bahagaze hanze.

By'umwihariko, umutima wanjye wasabwe n'ubwuzu kubera abo bantu, kandi nari kunezwe cyane no kwigumanira nabo igihe kirekire. Mu bantu bari aho, umuntu yavugaga ko harimo abagore b'abanyacyubahiro batari bake. Abenshi muri bo bari baratangiye kuruhuka Isabato. Kandi abagabo benshi bari baratsinzwe n'ukuri, ariko ikibazo bibazaga si uko bagombaga kubahiriza Isabato n'uko bari kuzabona ibibashimisha byo muri ubu buzima, ahubwo bibazaga niba bazabona umugati usanzwe woroheje wo kugaburira abana babo. Abantu bamwe bashyira mu gaciro bari baratangiye kuruhuka Isabato. Kwizera kw'abo bantu kuzahora guhura n'ingorane zikomeye. Ariko se, Imana yita ku bishwi ntizarushaho kwita ku bayikunda kandi bakayubaha? Ijisho ry'Imana rihora ku bana bayo b'inyangamugayo kandi bakiranuka baba mu Bwongereza, kandi izabacira inzira ituma bakomeza amategeko yayo yose.⁸⁸⁴

IMIYI Y'UBURAYI BW'AMAJYARUGURU

Zamuka Uze Gufasha mu Murimo w'Uwiteka: Mu iyerekwa mperutse kugira, neretswe agaciro k'umurimo ukorwa mu Burayi bw'Amajyaruguru.

⁸⁸³ *Lettter* 50, 1887.

⁸⁸⁴ *Historical Sketches*, p. 163. (1886)

Abantu bari gukangukira kumva ukuri. Imana yahaye pasitoro Matteson ubuhamya yakoresheje ngo abashe gushyikira imitima y'abantu. Ariko umurimo ni ho wari ugutangira. Niharamuka hakoze umurimo mu buryo butunganye kandi burimo kwitanga, abantu benshi bazamenya ukuri. Muri uwo murimo w'ibwirizabutumwa hakwiriye kubamo abakozi benshi batagira igomwa, kandi bubaha Imana, bakora bitaye ku bantu nk'abazababazwa ku munsu w'urubanza.

Neretswe ko bene Data bo mu Busuwisi, muri Noruveje no muri Danimariki nta bintu bari gukora bagombye gukorera bene wabo. Bakimara kwakira ukuri, bagombye kumva umurimo w'ishyamba ryo kwamamaza ubutumwa ugurumana mu mitima yabo kubw'agakiza ka bagenzi babo bakiri mu mwijima w'ubuyobe. Abenshi muri bo bategereje gufashwa na bene Se bo muri Amerika, nyamara bo badakora inshingano yabo kandi ngo bumve ko bikoreye umutwaro Imana ibasaba kumva ko bikoreye kubwa bene wabo bo mu gihugu cyabo. Baramutse babishatse, bakora byinshi birenze ibyo bakora muri iki gihe. Bene Data abo bakwiriye gutsinda umwuka wo kwikanyiza maze bagakangukira gukora inshingano bafite ku Mana no kuri bagenzi babo, naho ubundi nibitaba bityo bazabura ingororano y'igiciro cyinshi bari kuzahabwa baramutse bashyize impano zabo z'ubutunzi mu bubiko bw'Imana, kandi bakemera gukoresha imbaraga zabo neza bakaba ibikoreshe mu murimo wo gukiza imitima myinshi.

Abasore bakwiriye kwigishwa kugira ngo bazabe ababwirizabutumwa mu bihugu byabo, kandi ngo bazigishe ukuri abari mu mwijima. Ibitabo n'izindi nyandiko bikwiriye gucapirwa mu Burayi. Ariko muri iki gihe⁸⁸⁵ hariho kudamarara kwinshi n'ishyamba rike cyane muri bene Data bo muri Danimariki, mu Busuwisi n'abo muri Noruveje nabari muri ibi bihugu bizera ukuri kugira ngo babe bashyigikira uwo murimo ugakomeza bakoze ku mutungo wabo. Kubera iyo mpamvu, ndabamenyesha ko ari ngombwa ko baza bakajya mu murimo, bakumva ndetse ko bashishikajwe na bene wabo bo mu bihugu byabo kurenza uko bene Se b'Abanyamerika babigaragaje. Imana irasaba ko abo bene Data bagombye guhaguruka bakajya gufasha mu murimo w'Uwiteka badatindiganyije.⁸⁸⁶

Ingeso n'Imigenzo Biratandukanye ariko Kamere Muntu ni Imwe: Mukwiriye gukora umurimo hano nk'uko twabikoze muri Amerika. Mukwiriye kugira bya bigo byandika impapuro zibwiriza ubutumwa ndetse n'ubundi buryo, kandi nubwo akenshi byagaragara ko ibitabo n'ibinyamakuru byacu bidatanga umusaruro mwinshi hamwe na hamwe, mugomba byanze bikunze gukomeza mukabitanga. Twahuye n'ibimeze nk'ibyo muri Amerika, ariko twakomeje umugambi wacu tukohereza izo nyandiko abantu b'ingeri zitandukanye, ariko byadutwaraga igihe kugira ngo tugire iteramebere tugeraho.

885 Ibi Ellen G. White yabyanditse mu 1879

886 *The Adventist Review Supplement*, Feb. 6, 1879.

Neretswe ko hakwiriye gushyirwaho uburyo butandukanye bwajya bukurikizwa mu gukora umurimo muri ibi bihugu, kandi hakwiriye kubaho imbaraga ivuye ku Mana yo mu ijuru gukora mu buryo butandukanye n'ubusanzwe. Kandi nubwo mwene Data Matteson na Olsen bazajya babafasha mu murimo mukora hano, ndifuza kubibamenyesha ubu kugira ngo mutangire gutekereza mu buryo butandukanye n'ubusanzwe. Ibyo ni ukubera iki? Ni uko mushobora gukora ibintu inkubwa cumi birenze uko mwibwira ko mushoboye. Ariko kutizera kuri iruhande rwanyu maze kukababwira ko ntacyo mushobora gukora muri uyu murimo cyangwa uriya, nyamara bene Data mwabishobora.

Mu mijyi y'u Burayi bw'amajyaruguru, ingeso n'imigenzo byaho bitandukanye no muri Amerika, ariko kamere muntu ni imwe hose, kandi bene Data bamaze kwakira ukuri mu mitima yabo biteguye gukora umurimo, keretse gusa ko bakeneye kwigishwa uko bakwiriye gukora. Bavandimwe, iyo ni yo mpamvu namaze amajoro menshi ntagoheka ngo mbe narenza amasaha atatu, nkayamara ntekereza ku murimo ugomba gukorwa mu Burayi, kandi iyo nitegereje ibyo bintu numva kwiyumanganya muri nje binkomereye cyane.

Nabonye ibyo Imana ishaka kubagirira, ariko ibyo izabakorera byose bizaterwa n'urugero rwo kwizera kwanyu. Kubw'ibyo rero, turashaka gukangura ukwizera kwanyu no kwagura ibitekerezo byanyu, kandi ndasaba ngo Uwiteka Imana yikoreze umutwari w'umurimo wayo buri wese muri mwe wizera ukuri.⁸⁸⁷

Gahunda Yagutse Ireba Umujyi wa Kopenihageni (Copenhagen):
Niba muri uyu mujyi ukungahaye kandi mwiza wa Kopenihageni nta byumba byiza bihari aho abantu bashobora kubwiririzwa ukuri, twibuke ko n'i Betelehemu nta cyumba cyo gucumbikiramo nyina wa Yesu cyari gihari, kandi ko Umukiza w'isi yavukiye mu kiraro cy'inka....

Biranduhije cyane kwemera ko ibyo byumba bito kandi bidafite umucyo ari byo twagombaga gutoranya ngo biberemo amateraniro ngo abe ari ho havugirwa ubutumwa. Birandukije kandi kubona muri uyu mujyi munini utuwe n'abantu bagera ku bihumbi magana atatu na makumyabiri, mwari gukodesha icyumba cyo hasi (kave) cyakira abantu 200 gusa kandi no muri bo hakicara kimwe cya kabiri gusa maze umugabane munini bagasiraga bahagaze. Igihe Imana yohereje bene Data ubufasha, bakwiriye gukorana umwete n'umurava, nubwo hari ibindi byabasaba, kugira ngo babashe kugeza umucyo ku bantu. Ubu butumwa bukwiriye kwigishwa abatuye isi bose; ariko rero bene Data ntibazabona ibintu byinshi bigerwaho keretse gusa nibagira ibitekerezo na gahunda byagutse.

Nubwo dukwiriye gukorera abantu bari mu bukene bukabije dushyizeho umwete mwinshi, ntabwo kandi ari bo twamariraho umuhati wacu wose, ndetse imigambi ntikwiriye kuba iteye ku buryo iri tsinda ry'abantu ari ryo

⁸⁸⁷ Manuscript 6, 1886.

ryonyineriza kumva ubutumwa bwacu. Hakenewe n'abantu b'abanyabwenge, bafite ubushobozi. Abantu bafite ubushobozi bwagutse mu by'ubwenge binjizwa mu murimo w'Imana, bityo ighe cyose iyo mpano yeguriwe Imana kandi ikezwa n'Umwuka wayo, ni bwo umurimo uzakorwa uzarushaho gutungana, kandi ni ko uzarushaho kugira agaciro imbere y'abatuye isi. Muri rusange abantu bazanga ubutumwa bw'imbuzi; nyamara uko byamera kose hakwiriye gukoreshwa umwete mwinshi kugira ngo ukuri kugezwe ku bari mu myanya ikomeye n'abize amashuri menshi, kimwe n'abakene n'abatazi gusoma no kwandika.⁸⁸⁸

Ikibazo cy'Icyumba mu Busuwisi: Mu mujyi wa Orebro ndetse no muri Kopenihageni (Copenhagen), ndizera ko twagombye kuba twarahabonye abantu benshi baza umnva ubutumwa bwacu iyo bene Daba baza kuba barashatse icyumba gikwiriye cyo kwicazamo abantu. Nyamara ntibari biteze kubona abantu benshi, bityo ntibakiriye abantu benshi. Ntidushobora gutekereza ko abantu bazaza kumva ukuri kutazwi na benshi igihe dutangariza abantu ko amateraniriro azabera mu nzu yo hasi (kave), cyangwa mu kumba kakwirwamo n'abantu ijana gusa. Imiterere y'umurimo wacu n'agaciro kawo bireberwa ku mwete wakoreshejwe kugira ngo ubutumwa bw'ukuri bugezwe ku bantu. Iyo tutabishyizemo imbaraga, abantu babona ko ubutumwa twigisha budakwiriye kwitabwaho. Uko ni ko rimwe na rimwe abakozi bacu batuma umurimo ubakomerera biturutse cyane ku kubura kwizera ku ruhande rwabo.⁸⁸⁹

Bigaragara ko mu Burayi bw'Amajyaruguru Hazava Umusaruro: Neretswe ko abantu benshi bo mu Burayi bw'Amajyaruguru bakiriye ukuri babikesheje gusoma. Igihe ibinyamakuru n'izindi nyandiko byageraga mu ntoki zabo, imitima yabo yari isonzeye umucyo no kumenya. Mu iyerekwa nababonye bariho basoma. Ubukene bw'imitima yabo bwabonewe igisubizo; Umwuka w'Imana yakoraga ku mitima yabo kandi akayoroshya, babungaga amarira mu maso; kandi ikiniga cyabashenguraga imitima. Bapfukamaga bafite udupapuro mu ntoki zabo, maze bagasenga bashyizeho umwete, batakambira Uwitaka ngo abayobore kandi ngo abafashe kwakira umucyo kuko ari we wari uturutseho. Bamwe biyeguriye Imana. Gushidikanya kwakuweho; kandi uko bemeraga ukuri kwerekeye Isabato yo mu itegeko rya kane, ni ko bumvaga ko bashikamye rwose ku Rutare rw'iteka. Neretswe ko abantu benshi batuye hirya no hino mu Burayi bw'Amajyaruguru biteguye kwemera umucyo w'ukuri.⁸⁹⁰

MU BURAYI BW'AMAJYEPFO

Kubwiriza n'Umurimo w'Umntu ku Giti cye mu Butaliyani: Havuzwe ibyerekeye ibibaya bya Piedmont. Nkurikije umucyo nahawe, muri ibyo bibaya hari abantu b'agaciro kenshi bazakira ukuri. Jye ubwanjye sinzi aho hantu ariko neretswe ko mu buryo runaka hafitanye isano

888 *Historical Sketches*, p. 183, 184. (1886)

889 *Historical Sketches*, p. 200. (1886)

890 *The Adventist Review Supplement*, Feb. 6, 1879.

n'umurimo w'Imana wakozwe mu bihe byashize. Ubu Imana izi intambwe isumbyeho ubwoko bwayo bugomba gutera.

Abakora umurimo muri ibyo bibaya bakwiriye kwita cyane ku murimo wabo, nibitaba bityo ntibazatsinda. Marayika wa gatatu yagaragajwe aguruka aringanije ijuru. Umurimo niwo ugomba gukorwa vuba vuba. Bakwiye gukomeza gukora bakurikije gahunda, bagakorana ubwenge, bejeje kandi barateguwe n'ubuntu bw'Imana kugira ngo babashe guhangana n'abarwanya ukuri.

Ntibakwiriye kubwiriza gusa, ahubwo bakwiriye no kwita ku bantu. Uko bazajya bajya gukora umurimo w'Imana, bakwiriye kuzajya bakoresha imbaraga zabo basanga buri muntu wese ku giti cye, bagasabana ku mitima igihe bababumburira Ibyanditswe Byera. Ku ikubitiro bashobora kuzabona abantu bake hano n'abandi hariya bemera ukuri; ariko igihe bene abo bahindutse by'ukuri, bazagira icyo bakorera abandi, maze kubwo gukoresha umwete uko bikwiriye, bidatinze hazahangwe amashami agizwe n'amatsinda magari, bityo umurimo uzajya mbere mu buryo bwihuze.

Nkurikije raporo twumvise, hari umurimo ukomeye utarakorwa muri utwo turere twose. Muri ibyo bihugu byose, hari impano ikomeye Imana izakoresha; bityo dukwiriye kuba maso rwose kugira ngo tuyakire.⁸⁹¹

Abantu Benshi Baziyemeza Gukurikira Ukuri: Marayika wunga ijwi rye n'irya marayika wa gatatu agomba kumurikishirizi isi ubwiza bwe. Ndetse no muri biriya bibaya byo mu majyaruguru y'Ubutaliyani, aho bisa n'aho ari ho umurimo watangiriye ufite ingorane nyinshi, hazaboneka abantu benshi bazasobanukirwa n'ijwi ry'Imana rivuganira nabo mu Ijambo ryayo, bityo bave munsu y'ubutware bw'abayobozi b'amadini babayobora, bityo biyemeze guhagarara mu ruhande rw'Imana n'ukuri kwayo. Aka karere k'Ubutaliyani si ahantu heza ho gukorera umurimo, kandi si n'ahantu hazahita hagaragara umusaruro; ariko hari abantu b'abirigirwa bazumvira ukuri igihe nikigera.⁸⁹²

Umurimo wo Gusanga Umuntu ku Giti cye Uzera Imbuto mu Butaliyani: Ntabwo iteka binezeza bene Data kuba ahantu abantu bakeneye ubufasha cyane kurusha abandi; ariko rero imihati yabo yagombye akenshi gutanga umusaruro mwiza bihebuje baramutse bashatse gukorera bene aho hantu. Bagombye kwegera abantu, bakicarana nabo ku meza bagasangira, ndetse bagacumbika mu nzu zabo zicishije bugufi. Abakozi mu murimo w'Imana bashobora kujyana imiryango yabo ahantu habi hatifuzwa; ariko bakwiriye kwibuka ko Yesu atigumiye ahantu heza umuntu yakwifuza kwibera. Yaramanutse aza ku isi kugira ngo afashe abari bakeneye ubufasha.⁸⁹³

Keretse gusa nubasha kwigarurira intekerezo z'abantu bagahuguka, naho ubundi umuhati wose uzakoresha uzaba imfabusa. Ijambo ry'Imana

⁸⁹¹ *Historical Sketches*, p. 147. (1886)

⁸⁹² *Historical Sketches*, p. 249. (1886)

⁸⁹³ *Historical Skethes*, p. 148.

ntirishobora kumvwa n'umuntu udahugukiye kumva. Bakeneye kumva ijambo, iri jambo ngo, "Ni ko Uwiteka avuga" kugira ngo abe ari ryo rifata intekerezo zabo. Nimureke bo ubwabo bibonere ko ibyabo bigenzurwa kandi bigacirwaho iteka na Bibiliya, atari amagambo ava mu kanwa k'umuntu; ahubwo bamenye ko baregwa mu rukiko rw'ubutabera buhoraho, badahagaze imbere y'urukiko rwo ku isi. Iyo ukuri kwa Bibiliya kumvikana kandi kwahuranyije kuvugiwe imbere yabo, kurahuranya kukagera mu byifuzo bimaze igihe kirekire byaragundiye no mu ingeso zashinze imizi. Abo bantu bumva batsinzwe n'urubanza, bityo icyo ni cyo gihe baba bakeneye inama zawe, kubahumuriza no kubasengera by'umwihariko. Abantu benshi bamara igihe baragiriza, maze amaherezo bagafata umwanzuro wo kuba mu ruhande rw'ikinyoma bitewe n'uko batagize umwete ku ruhande rwabo ngo bafate icyemezo ku gihe gikwiye.⁸⁹⁴

GUkORA MU MUJYI YO MU BIRWA BYO MU BURENGERAZUBA BW'AMAJYEPFO YA PASIFIKA

Mu mujyi wa Sydney Hazava Abakizwa Benshi: Ku isi yose hari umurimo tugomba gukora, kandi uko turushaho kwegereza imperuka, Uwiteka Imana izatera abantu benshi kugira ishyamba ryo kwirundurira muri uyu murimo. Niba ushoboye gukoresha ubushobozi ufite maze ugatangiza umurimo ukeneye gukorwa mu mujyi wa Sydney, hari abantu benshi batigeze bumva ukuri bazakizwa [kubw'uwo murimo]. Imijyi ikwiriye gukorwamo umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Imbaraga ikiza y'Imana igomba kubinjiramo imeze nk'itara ryaka.⁸⁹⁵

Gahunda y'Ivugabutumwa Ikwiriye Umujyi wa Sydney: Ubu hari umurimo witondewe cyane ugomba gukorwa mu mujyi wa Sydney no mu nkengero zawo. Inkengero z'uwo mu jyi zose zujuje ibyangombwa byatuma umurimo ukorwa neza kurenza mu bihe byashize, kandi inyungu zagaragaye ubu binyuze mu murimo w'ivugabutumwa ryifashisha ubuvuzi, zikeneye kurushaho kubarwa neza kandi hakaboneka abantu bafite ubunararibonye mu micungire yazo . . .

Hari amashami menshi azamera ku giti kimaze guterwa ubu mu mujyi wa Sydney, kandi icyiciro cyose cy'umurimo [w'Imana uhakorera] gikeneye abacungamutungo babifitemo ubunararibonye, kugira ngo ibyiciro bigende bifatanyaga n'ibindi maze byose bikore umurimo wuzuzanya ukubiye hamwe.⁸⁹⁶

Umurimo Urarushaho Gutanga Icyizere mu Bihugu Bimwe: Umurimo w'ivugabutumwa ryifashisha ubuvuzi urarushaho kugaragara ko uzakora byinshi muri Australia kurenza ibyakozwe muri Amerika mu rwego rwo gucira inzira ukuri ngo kugere ku bantu. Ndasaba ubu ngo

894 *Historical Sketches*, p. 148. (1886)

895 *Letter* 79, 1905.

896 *Letter* 63a, 1898.

ubwoko bw'Imana bwumvire irarika ubuntu bw'Imana bubashyize imbere, kandi bumenye ko icyo aba ari igihe cyiza bubonye cyo gukora.⁸⁹⁷

Buri Muji na buri Mudugudu Bikwiriye Kumva: Hari ahantu henshi hakeneye gukorwa umurimo. Buri muji na buri mudugudu wo ku nzira nyabagendwa bikwiriye kumenya ubutumwa Imana yaduhaye. Ntidusobora guhagarika kwishimira intsinzi nke tumaze kugira. Tugomba gukomeza kurwana urugamba kugeza dutsinze. Uwiteka ntiyigeze abura uwo kumuhamya. Ukuri kugomba kwigishwa mu nkengero z'umuji wa Newcastle. Ibihe byinshi bizaba ngombwa tubwiririza ahantu hadatwikiriye. Bene ibi nabikoze ibihe bibiri ari ku Cyumweru nyuma ya saa sita kandi byatanze umusaruro. ...

Hari umuji muto witwa Auburn wubatswe ku birometero nka cumi na bibiri uvuye muri Korabongi (Cooranbong). Aho niho bateguye urusengeru nagombaga kubwiririzamo ubwo nari kuba mbonye igihe, nko ku munsi wa mbere w'Isabato yagombaga gukurikiraho. Iyo bataza kuduha uburenganzira bwo kubwiririza mu rusengeru, twari gukorera amateraniri hanzu hadatwikiriye.⁸⁹⁸

Ibyatubereyeho mu Byaro: Ubu tuyobora amateraniri abera ahantu hadatwikiriye. Mperutse kubwiriza abantu mirongo cyenda ahitwa Dora Krike (Dora Creek), ni ku birometero bikabakaba bitanu uvuye Cooranbong, kandi mu byumweru bibi byashize, ku Cyumweru, nabwirije abantu bagera kuri mirongo itandatu ahitwa Martnsville, iteraniri ribera mu rwuri rw'amafarashi. Bari bateye imbaho zo kwicaraho, abantu bicaye ku ruziga rudafunze. Abantu bamwe bari bicaye ku matapi bashashe ku byatsi; naho abandi bicaye mu magare akururwa n'amafarashi yari ahagaze inyuma y'uruzitiro.

Nta bundi buryo twari gukoresha ngo tugeze ubutumwa kuri abo bantu uretse kuyobora amateraniri abantu bicaye hanzu, hadatwikiriye. Bamwe muribo wabonaga babyishimiye bafite ubwuzu. Abantu babiri cyangwa batatu ubu bateguye gufata icyemezo cyo kwitanga, kandi imirima yeze yose yiteguye gusarurwa. Nitudakoresha umwete udakebakeba ngo tujye hirya y'abatwegereye ngo maze dusange abantu aho bari, tuzabura imitima myinshi twagombye gukiza.

Nta mahirwe na make twigeze tugira yo kubwiririza mu nsengeru nto zidasukuye ziri ahantu hakikijwe n'ibihuru. Twagiye tubuzwa guhabwa amahirwe yose yo kubwiriza abantu tubasanze ahantu hateye hatyo. Ariko mu ngoro ikomeye y'Uwiteka Imana, ahantu hadatwikiriye, (aho igisenge kigizwe n'ibicu, naho isi igahinduka ahantu dukandagira hateguwe neza), dushobora kuhabona abantu bumva ikibwirizwa nyamara batajyaga kucyumva iyo turamuka tubwiririje ahandi hatari hanzu. Twumva dufite ubwuzu bwinshi bwo kuzamura ibendera ry'ukuri bene aho hantu. Abantu

⁸⁹⁷ Letter 41, 1899.

⁸⁹⁸ Letter 76, 1899.

nta mushumba bafite. Urusengero rugengwa na Leta rwo muri Korabongi (Cooranbong) rumaze ibyumweru n'ibyumweru rukinzwe, kandi abantu ntibacyumva ibibwirizwa. Turabona ko hari umurimo ukomeye ugomba gukorerwa hanze ahantu hadatwikiriye. Mfite ubutumire nzitabira ku Cyumweru gitaha nyuma ya saa sita ahitwa Dora Creek. Muri iki gihe dufite ahantu habiri amateraniro abera.⁸⁹⁹

Ubunararibonye mu Kugera ku Bantu Bataza mu Materaniro Abera mu Cyumba Kigari: Ndareba ngasanga hari ibintu byinshi dukwiriye gukora. Sinshobora kubona ahantu nashyira ibyiringiro byanyije. Abantu bari kurimbuka kandi ngomba kubafasha. Mbwiririza mu rusengero no hanze yarwo. Tugenda mu modoka tukajya mu misozi, tukabwiririza ku gasozi kubera ko urwikekwe abantu bafitiye ukuri rukabije cyane ku buryo abantu batazemera ibyo tubabwirira mu kazu gato katubatswe neza basanzwe basengeramo.

Ku Cyumweru twagiye ahitwa Dora Creek, ni nko ku bilometero bitanu, maze tubwiriza iteraniro ry'abantu bicaye ku gasozi hadatwikiriye. Hari hateraniye abantu bagera kuri mirongo icyenda, kandi nagize ubwisanzure busesuye bwo kubwira abantu ko Kristo ari Umuvuzi n'Umwigisha w'igitangaza. Abantu bose bari bateze amatwi babikunze. Nkoresheje ubwo buryo, nshobora kugera ku itsinda ry'abantu bazaza mu cyumba icyo ari cyo cyose cyangwa inzu iberaho amateraniro. Turaharirimbira bikanezeza.⁹⁰⁰

Turahamagarirwa Umurimo Ukomeye muri New Zealand: Turabona ko hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa muri aka karere, kandi dukeneye amikoro twakwifashisha. Ndavuga ibyerekeye umujyi wa Wellington. Aho hantu hari insengero nyinshi kandi hari n'abapasitoro benshi. . . . Uwo mujyi ni umurwa mukuru kandi ukaba n'umujyi ukomeye cyane w'igihugu cya New Zealand. Hakwiriye kubakwa misiyoni. Hakwiriye kandi kubakwa n'urusengero.⁹⁰¹

Imijyi yo mu Burayi, iyo muri Australia no mu Tundi Turere: Ubu dufite amikoro yasonzoranijwe akwiriye gukoreshwa mu mijyi yo mu Burayi, muri Australia no muri Amerika, ndetse no mu tundi turere itaragezwamo ubutumwa. Hashize imyaka myinshi iyo mijyi yarirengagijwe. Abamarayika b'Imana baradutegereje ngo baduhe imirimo dukwiriye gukorera abaturage b'iyi mijyi. Ubutumwa bw'imbuze bukwiye kuvugwa tuva mu mujyi tuja mu wundi, tuva mu mudugudu tuja mu wundi, tuva no mu gihugu tuja mu kindi. Ntabwo ubwo butumwa buzavugwa mu buryo bwo kwiyerekana kugaragara inyuma, ahubwo buzavugwa mu mbaraga z'Umwuka Wera n'abantu bafite kwizera.⁹⁰²

IGICE CYA 13

UMURIMO W'UMUNTU KU GITI CYE

UMURIMO W'UMUNTU KU GITI CYE URAKENEWE

Amavuna Abera mu Ruhame n'Umurimo w'Umuntu ku Giti Cyeye: Umurimo wo gusura abantu urugo ku rundi unganya agaciro n'amavuna akorerwa mu ruhame rwa benshi. Umusaruro uva mu kubwiririza ukuri mu iteraniro rigari ry'abantu, ni uko uko kuri gukangura umwuka wo kwibaza byinshi, kandi ni ingenzi cyane by'umwihariko ko ubu bwuzu butera kwibaza bukomeza gukurikiranwa binyuze mu murimo wo kugenderera umuntu ku giti cye. Abantu bafite inyota yo gushaka gusobanukirwa ukuri baba bakeneye kwigishwa bakiga Ijambo ry'Imana barishimikiye. Hakwiriye kuboneka umuntu ubafasha kubaka ku rufatiro rutanyeganyega. Muri iki gihe kiba gikomeye mu mibereho yabo y'iby'idini, mbega ukuntu byaba ari ingenzi kubona abigisha ba Bibiliya baza kubafasha no gufungurira imyumvire yabo ikigega cy'ubutunzi bw'Ijambo ry'Imana!⁹⁰³

Hinga Ubutaka: Iyo ikibwirizwa gitanzwe, icyo gihe imbuto iba ibibwe. Ariko iyo umuntu ku giti cye atitaweho kugira ngo ubutaka butunganywe, imbuto yatewe ntishora imizi. Keretse gusa umutima niworoshywa n'Umwuka w'Imana kandi akawuganzamo, nibitaba bityo umugabane munini w'ubutumwa bwavuzwe urayoyoka. Itegereze abantu bari mu iteraniro basa n'abafite ubwuzu, maze nyuma y'ikibwirizwa ubashake muganire. Amagambo make muzavugana mwiherereye akenshi azagira umumaro kurenza ikibwirizwa. Baza abantu uburyo ingingo wigishijeho zumvikanye ku baguteze amatwi, umenye ko icyigisho cyumvikana neza mu ntekerezo zabo. Kubw'ineza n'urugwiro bikuranga, ereka abo bantu ko ubishimiye kandi ko witaye ku bugingo bwabo.⁹⁰⁴

Egera Abantu: Umupasitoro akwiriye kwegera abantu ku giti cye, akabagaragariza impuhwe nk'uko Kristo yabigenzaga, kandi agashaka

⁹⁰³ *Gospel Workers*, p. 364. (1915).

⁹⁰⁴ *Testimonies for the Church*, vol. 6, p. 68. (1900).

gukangurira intekerezo zabo kwita ku bintu bikomeye bizahoraho iteka. Imitima yabo ishobora kuba inangiye cyane, kandi bikagaragara ko kubabwira Umukiza ari ugupfusha imbaraga ubusa, ariko nubwo gushyira mu nyurabwenge kuri bo byananirana, ndetse ibitekerezo byumvikana ntibishobore kubemeza, urukundo rwa Kristo rugaragarijwe mu murimo w'umuntu ku giti cye, rushobora kworoshya umutima ukomeye nk'ibuye, kugira ngo imbuto z'ukuri [kw'Ijambo ry'Imana] zibashe gushinga imizi.⁹⁰⁵

Ahantu Hakenewe Gukorwa Umurimo Bitari Ukubwiriza Gusa: Imijyi ikeneye gukorwamo umurimo, atari ukubwirizayo gusa. Hakwiriye gukorwa umurimo wo gusura abantu, urugo ku rundi. Ubutumwa bw'imbuze nibumara gutangwa, n'ukuri kw'Ibyanditswe Byera kukigishwa abantu, abantu benshi bazatsindwa.⁹⁰⁶

Mugabanye Ibibwizwa, Ahubwo Mwongere Gusura Umuntu ku Giti cye: Iyaba kubwiriza byagabanukagaho kimwe cya kabiri maze umurimo ukorwa n'umuntu ku giti cye wo kugenderera abantu mu ngo zabo no kuvugana nabo mu materaniro ugakubwa kabiri, haboneka umusaruro utangaje.⁹⁰⁷

Amahirwe Yapfushijwe Ubusa: Iyo umurimo wo gusura umuntu ku giti cye wirengagijwe, hari amahirwe menshi y'agaciro kenshi apfa ubusa kandi yajyaga guteza imbere umurimo w'Imana iyo aza gukoreshwa neza.⁹⁰⁸

Abantu Barimbuka Bitewe no Kudasura Abantu Buri wese ku Giti cye: Dushobora kubwira abantu duhura nabo amagambo yo kubakomeza. "Ijambo rivuzwe mu gihe gitunganye ni ryiza" (Imigani 15:23). Abantu baragenda barimbuka bitewe no kudakorwa k'umurimo wo gusurwa k'umuntu ku giti cye.⁹⁰⁹

Mu Gihe Gikwiriye no mu Kidakwiriye: Umugabura w'ubutumwa bwiza akwiriye kuboneka mu gihe gikwiriye n'ikidakwiriye, agahora yiteguye kubyaza umusaruro amahirwe abonye yose kugira ngo umurimo w'Imana ujye mbere. Kuboneka "mu gihe gikwiriye n'ikidakwiriye" (2 Timoteyo 4:2) ni uguhora witeguye kumenya amahirwe umuryango runaka ufite, isaha yawo yo kuramya ndetse n'igihe abantu baba baganira ku nsanganyamatsiko zerekeye iby'idini. Kandi kuboneka "mu gihe kidakwiriye" ni uguhora witeguye waba uri aho abantu botera umuriro, waba uri murima, waba uri ku nzira cyangwa mu isoko, ukaba witeguye kugarura intekerezo z'abantu mu buryo bwiza, ukazerekeza ku nsanganyamatsiko nkuru zivugwa muri Bibiliya ufite umwuka wo kwiyoroshya no kumaramaza maze ukabagezaho ibyo Imana ibasaba. Ni kenshi cyane usanga amahirwe aca abantu mu myanya y'intoki, bitewe

905 *Gospel Workers*, p. 185. (1915).

906 *Review and Herald*, Dec, 14, 1902.

907 *Gospel Workers*, p. 364. (1915).

908 *Manuscript*, 139, 1897.

909 *Letter* 151, 1903.

n'uko bazi ko atari mu gihe gikwiriye. Ariko se ni nde wamenya umusaruro uzava mu irarika ryuje ubwenge rikora ku mutimanama?⁹¹⁰

Kunda Abantu nk'uko Kristo Yabakunze: Duhamagarirwa gukunda abantu nk'uko Kristo yabakunze, tukumva dufite igishyika ku mutima cy'uko abantu b'abanyabyaha bazahinduka. Nimubwirize abantu urukundo rutagereranywa rwa Kristo. Kamere ikwiriye guhishwa kure.⁹¹¹

GUSURA URUGO KU RUNDI

Umurimo wo Gusura Abantu Inzu ku Yindi: Ukuri ntigukwiriye kubwiririzwa mu materaniro ya rusange gusa, ahubwo hakwiriye gukorwa umurimo wo gusura urugo ku rundi. Nimureke uyu murimo utere imbere mu izina ry'Umwami wacu.⁹¹²

Uyu murimo wo gusura urugo ku rundi, dushakashaka abantu kandi dukurikirana intama yazimiye, ni wo murimo w'ingenzi cyane mu mirimo yose dushobora gukora.⁹¹³

Umugambi w'Umurimo wo Gusura Urugo ku Rundi: Bene Data bakora amakosa akomeye igihe iteraniro rikuru risoje, kandi bamaze no kwihanisha abantu bakeya, bahita babambura amahema maze bakibwira ko inshingano yabo irangiye. Nyamara burya ni bwo umurimo wabo uba utangiye. Baba bamaze kubwiriza inyigisho z'amahame aba ari mashya n'inzaduka ku bantu bayumvise, maze ya mbuto yari ibibwe bakayireka inyoni zikayitoragura, cyangwa iyo mbuto ikuma bitewe no kubura ubuhehere. ...

Nyuma yo kubwiriza abantu ukuri, haba ubwo habaho abavugabutumwa bamwe, incuti cyangwa abaziranye n'ababwumvise bazasigara batoragura izo mbuto zabibwe baramutse babishoboye. Izo nyonibantu batuma ukuri kugaragara nk'ikinyoma, kandi ntibigera baha agahenge umuntu watsinzwe akitanga bataramara kumusahura imbuto yakiriye bakoresheje amagambo y'ibinyoma.

None se hakorwa iki? Igihe iteraniro rikuru rirangiye, herako uhange misiyoni. Nimureke abakozi beza kurusha abandi mushobora kubona bakorerwe itsinda rigomba kujya rigurisha ibitabo byacu kandi bajye batanga n'ubutumwa bwanditswe ku mpapuro babuhe abantu badashobora kugura ibyo bitabo. Ntabwo umurimo wo kwitegura ufite agaciro kangana na kimwe cya kabiri cy'umurimo ugomba gukorwa nyuma.

Abantu nibamara kumva impamvu shingiro zo kwizera kwacu, umurimo wo gusura abantu urugo ku rundi ukwiriye guherako utangira. Mumenyane n'abantu mubimenyereze maze mubasomere amagambo meza cyane Kristo yavuze. Mu kiganiro mugirana, erereza Yesu wabambwe ku musaraba,

⁹¹⁰ *Gospel Workers*, p. 186, 187, (1915).

⁹¹¹ *Manuscript* 42, 1898..

⁹¹² *Review and Herald*, Aug. 11, '1903.

⁹¹³ *Letter* 137, 1898.

kandi bidatinze uzasanga ko abantu bumvise ubutumwa bw'imbuze bwavuzwe n'abagabura b'iby'Imana babwirizaga mu mahema, kandi bakaba baratsinzwe mu mitima, bene abo bantu bazagira amatsiko yo kugira ibyo babaza mu byo bumvise. Iki rero aba ari cyo gihe cyo kubabwira impamvu shingiro zo kwizera kwacu dufite ubugwaneza no gutinya Imana, ariko atari ubwoba butewe n'ububata, ahubwo ari ubwoba butewe no kwigengesera ngo mutavuga amagambo y'ubupfapfa. Bwira abantu ukuri nk'uko kuri muri Kristo, ubikore ufite ubugwaneza no kwicisha bugufi kose, bishatse kuvuga ko ubikorana kwiyoroshya kandi ukaba umunyakuri, ugaha abantu igaburo mu gihe gikwiriye kandi umuntu wese agahabwa umugabane umukwiriye.⁹¹⁴

Kubwiriza Kugera ku Ntego kubw'Umurimo wo Gusura Urugo ku Rundi: Dukurikije ibyabaye ku bakozi bakoraga ahitwa-----, dusanga ko imbaraga zakoreshejwe amateraniro makuru arangiye zatanze umusaruro mwinshi cyane kurenza umurimo wakozwe mbere. Mu myaka myinshi ishize nagiyeye nerekwa ko umurimo wo gusura urugo ku rundi ari wo uzatuma umurimo wo kubwiriza Ijambo ry'Imana ugera ku ntego. Iyo abantu bagaragaje ubwuzu badasuwe n'abakozi bacu, abandi babwirizabutumwa barabakurikirana maze bakabashyira mu rujijo bakoresheje kuvuga Ibyanditswe uko bitari no kubigoreka. Abo bantu baba bataramenyera Ijambo ry'Imana; batekereza ko abapasitoro babo ari abanyakuri kandi ko batabogama bityo bakareka ibyari byatsinze imitima yabo bakareka kubiha agaciro. Ariko abakozi bacu baramutse basuye abo bantu bagaragaje ubwuzu maze bakabasobanurira ukuri kw'Ijambo ry'Imana ku buryo buhagije, bakabahishurira ukuri ukugereranyije n'ibinyoma, bakomera mu byizerwa bagashikama.

Iyaba uyu murimo warakoranywe umwete n'ubushishozi, iyaba abakozi baritaye ku kurinda ubugingo bw'abantu nk'abazabubazwa, haba harabonetse indi miba myinshi ikaba umusaruro w'imbutu zabibwe mu materaniro makuru yacu.

Umurimo nk'uyu wakozwe kandi ahitwa-----, Ubu hari abantu batari munsu mirongo itanu bakomeza Isabato, kandi abo ni umusaruro wavuye mu murimo wo gusura k'umuntu ku giti cye. Keretse gusa abakozi bashyizweho n'Imana nibaramuka bakoze umurimo ushishikariye cyane wo gushaka intama zazimiye, naho ubundi Satani azagera ku ntego mu murimo we kurimbura, kandi hazazimira ubugingo bw'abantu bari kuzatarurwa bakarokoka.⁹¹⁵

Abantu Bamwe Ntibagerwaho Binyuze mu Mavuna Abera mu Ruhame: Mu mijyi minini hari abantu bo mu nzego zimwe badashobora kugerwaho binyuze mu materaniro y'ivuna rya rusange. Bene abo bantu bakwiriye gushakishwa nk'uko umushumba ashakisha intama ye yazimiye.

914 Letter 18, 1898.

915 Letter 18, 1898.

Kugira ngo bagerweho, hakwiriye gukoreshwa umwete ukomeye w'umuntu ku giti cye.⁹¹⁶

Ku Bantu Batazita bira Ibirori by'Umunsi Mukuru: Niba batazaza mu birori by'ubutumwa bwiza Kristo abararikira kuzamo, intumwa z'Imana zigomba kubyitegura ubwazo maze zikabashyira ubutumwa zikora umurimo wo gusura urugo ku rundi, bityo zikagura umurimo wazo ziwugeza mu nzira nyabagendwa no mu mihora, zigeza ubutumwa buheruka ku batuye isi.⁹¹⁷

Genderera n'Abantu Batabyitayeho: Jya no mu ngo z'abantu bagaragaza ko batitaye ku butumwa ububashyiriye. Igihe cyose ijwi rituje ry'imbabazi rikirarika umunyabyaha, korana imbaraga z'umutima wawe wose n'ubwenge bwawe bwose, nka Pawulo utarahwemaga ku manywa na nijoro, guhugura umuntu wese arira. Mbega abantu benshi bazadusanga ku munsi w'Imana, maze bakatubwira bati, "Ndarimbutse! Ndarimbutse! Kandi ntiwigeze umburira, ntabwo wigeze unyingingira gusanga Yesu. Iyaba narizeye nk'uko wizeye, mba narabashije gukurikira umuntu wese witaga ku by'urubanza wari aho nabashaga kugera ngasenga ndira ndetse ntanga n'imiburo."⁹¹⁸

Jyana Ijambo ry'Imana ku Muryango wa buri Muntu: Igitabo gicapwe ni igikoresho cyakwifashishwa ngo abantu benshi bagerweho kandi batajyaga kugerwaho kubw'umuhati w'amavuna y'abagabura. Hari umurimo ukomeye ushobora gukorwa binyuze mu kwigisha abantu Bibiliya nk'uko iri. Jyana Ijambo ry'Imana ku muryango wa buri muntu, kandi ucengeze amagambo yaryo yumvikana mu mutima wa buri muntu, kandi bese ubasubiriremo itegeko Umukiza yatanze agira ati: "Murondore mu Byanditswe." Bihanangirize gufata Bibiliya uko iri, batakambire ijuru ngo ribamurikire, maze umucyo numara kurasa, ubasabe kwemerana ubwuzu umurasire wawo wose w'igicro cyinshi, kandi bahagarare badatinya ingaruka bibazanira.⁹¹⁹

Imana Izakuyobora Ikugeze kuri buri Rugu: Nta kindi abantu bakeneye uretse umucyo, umucyo uva mu Ijambo ry'Imana. Niba abigisha b'Ijambo ry'Imana bafite ubushake, Uwiteka azabayobora, atume bashyikirana n'abantu. Azajya abayobora abageze ku miryango y'abantu bakeneye kandi bashaka kumenya ukuri; kandi uko abagaragu b'Imana birundururira mu murimo wo gushaka intama zazimiye, ubushobozi bwabo mu by'umwuka burakanguka kandi bukongerwamo imbaraga. Kubwo kumenya ko bari mu murongo w'ibyo Imana ishaka, bumva basabwe n'umunezero n'ibyishimo. Kubw'uko bayobowe n'Umwuka Wera, bunguka ubunararibonye butagira akagero. Imbaraga zabo z'ubwenge n'imico mbonera zigera ku rwego ruhanitse kubera ko basaba Imana kubasazaho ubuntu bwabo maze ikabubaha.⁹²⁰

⁹¹⁶ *Gospel Workers*, p. 364, (1915)

⁹¹⁷ *Letter 164*, 1899.

⁹¹⁸ *Review and Herald*, June 24, 1884.

⁹¹⁹ *Review and Herald*, July 10, 1883.

⁹²⁰ *Review and Herald*, Dec. 29, 1904.

KUZANA IMIRYANGO KU MUKIZA

Gufatanya n'Imiryango Gusenga no Kwiga Bibiliya: Mu gihe intekerezo z'abantu benshi zuzuye ubwuzu kandi zemeye ukuri, abo bakwiriye gukurikiranwa ariko bigakorana ubwenge, umwete n'umuhati udacogora. ... Habantu bahamagarwa bazagenda buzuye Umwuka wa Kristo, ngo bakore umurimo wo gukiza ubugingo bw'abantu. Umupasitoro ntakwiriye kurangiriza imirimo ye ku ruhimbi, ntabwo kandi akwiriye kwiwicarira mu rugo rushimishije rwa bamwe muri bene Data. Akwiriye kurinda ubugingo bw'abantu. Akwiriye gusura abantu mu ngo zabo, kandi kubw'umuhati we ubwe agashaka uko acengeza ukuri mu mitima no mu ntekerezo by'abantu. Agomba gufata igihe cyo gusengana n'imiryango kandi bagafatanya gusoma Bibiliya. Nakoresha ubwo buryo burangwa n'ubwenge, azaba ahwiturira bagenzi be kuzirikana inshingano yabo yo kubaha Ijambo ry'Imana. Ibiganiro agirana na bo buri munsu bikwiriye kugaragaza ikintu cyose cyiza kandi kiboneye, gihebuje ibindi kandi by'igikundiye, akagaragaza n'ubugwaneza n'ikinyabupfura byo mu mico ye.

Mu gihe cyo kuvuga ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri, umurimo wakoze muri ubu buryo. Abagabo n'abagore bakangukiye gushakashaka mu Byanditswe Byera, kandi bakanguriye intekerezo z'abandi kwita ku kuri kwahishuwe. Umurimo wo kugenderera umuntu ku giti cye no gusura imiryango ni wo watumye ubwo butumwa butanga umusaruro utangaje.⁹²¹

Imiryango imwe n'imwe Izagerwaho n'Ubutumwa Habayeho Kuyisanga Iwabo: Hariho imiryango itazigera igezwaho ukuri kw'Ijambo ry'Imana, keretse gusa abagaragu bayo nibinjira mu ngo z'abo bantu, kandi kubw'umurimo bakoranye umurava no kwezeshwa gusukirwa Umwuka Wera, bakabasha gusenya inzitizi zose. Abantu nibabona abo bakozi ari intumwa zitwaye ubutumwa bw'imbabazi, ndetse bakaba n'abagabura b'ubuntu [bw'Imana], bazitegura gutega amatwi amagambo abagaragu b'Imana bavuga....

Iyo umukozi nk'uwo apfukamye agasaba Imana ari muri uwo muryango aba yasuye, imitima y'abawugize ikorwaho kurenza uko byari kuba bari mu materaniro rusange. Uwo mugaragu w'Imana yinjirana n'abamarayika b'Imana muri uwo muryango; kandi intekerezo z'abamuteze amatwi ziba ziteguye kwakira Ijambo ry'Imana. Iyo intumwa y'Imana irangwa no kwicisha bugufi kandi ifite umutima ushengutse, iyo afitanye umubano ushyitse n'Imana, Umwuka Wera afata Ijambo ry'Imana maze akaba ari we uryereka abo bantu yaje kubwiriza.

Uwiteka yifuza ko ukuri kwakwegerezwaga abantu aho bari, kandi ibi byagerwaho gusa ari uko hakozwe umurimo w'umuntu ku giti ce, atari muri rusange. Hari ibintu byinshi byumvikana muri iri tegeko ryatanze ngo: "Sohoka ugende mu nzira nyabagendwa no mu mihōra, ubahate

⁹²¹ *Review and Herald*, Jan. 27, 1885.

kwinjira, kugira ngo urugo rwanjye rwuzure.” (Luka 14:23). Haracyari umurimo ugomba gukorwa muri uru rugo utarigezwe ukorwa. Nimutyo abakozi b’Imana bigishirize abantu ukuri mu miryango, kandi barusheho kwiyegeze abo bagezaho ubutumwa. Nibakorana n’Imana muri ubwo buryo, izabambika imbaraga y’umwuka. Kristo azabayobora mu murimo wabo, yinjirane nabo mu mazu y’abantu, kandi azabaha amagambo bakwiriye kuvuga azacengera mu mitima y’abateze amatwi. Umwuka Wera azakingurira imitima n’itekerezo kwakira imirasire ituruka kuri Sôko y’umucyo.⁹²²

Shaka Inzira Yakugeza ku Mutima w’Umuntu: Ndabwira abantu bose bakorana na Kristo nti: Ahantu hose mushoboye kubonana n’abantu, mwicaye iruhande rw’umuriro muriho mwota, nimukoreshe ayo mahirwe. Nimufate Bibiliya yanyu, maze muramburire imbere yabo ukuri kwayo gukomeye. Ntabwo kugera ku ntego kwanyu kuzashingira cyane ku bumenyi mufite cyangwa ibyo mwagezeho, nk’uko kwashingira ku bushobozi bwanyu bwo gushaka uburyo mugera ku mutima w’umuntu. Kubwo kubana neza n’abantu no kubegera mugashyikirana, mushobora guhindura ibitekerezo byabo bwangu kuruta gukoresha ikibwirizwa gikomeye kurusha ibindi. Kugaragariza Kristo mu muryango, abantu bakikije umuriro bota, ndetse no mu materaniro mato mu ngo z’abantu ku giti cyabo, akenshi ni bwo buryo butanga umusaruro mu gukiriza Yesu imitima kurusha ibibwirizwa bitangiwe mu ruhame, mu mbaga y’abantu ndetse no mu byumba binini cyangwa se mu nsengero.

Abantu binjiye muri uyu murimo wo kwegereza abandi ubutumwa bakwiriye kwigengesera kugira ngo mu mikorere yabo bashyire mu gaciro nk’uko umugabura ubwiriza Ijambo ry’Imana nawe yagombye kwigengesera. Bakwiriye guhora biga. Bakwiriye kurangwa n’ishyamba riva mu bwenge kugira ngo bagere ku rwego ruhanitse, bityo bahinduke abantu bafite ubushobozi b’ubumenyi mu Byanditswe Byera.⁹²³

Abantu Babiri Babiri mu Murimo wo Kuvuga Ubutumwa Kutari Rusange: Hakwiriye iteka kubaho abantu babiri babiri bo muri bene Data bajyanirana, bityo n’abandi benshi bashobora kwifatanya maze bakajya mu murimo wo gusura imiryango no gushaka abita ku butumwa, bagakoresha imbaraga zabo ubwabo.⁹²⁴

Umupasitoro n’Umugore we: Komeza ukurikirane abantu. Igihe usura abantu mu miryango yabo, bikorane ubuhanga n’ubwenge. Fatanya nabo gusenga kandi ubasengere. Bashyire ukuri wuzuye umwuka w’ubugwaneza n’urukundo, kandi nta kabuza hazaboneka umusaruro. Umupasitoro n’umugore we bashoboye gufatanya muri uyu murimo, bakwiriye kubikora.⁹²⁵

⁹²² *Review and Herald*, Dec. 29, 1904.

⁹²³ *Gospel Workers*, p. 193. (1913).

⁹²⁴ *Letter 34*, 1889

⁹²⁵ *Letter 18*, 1898.

GUSURA ABANTU MU RWEGO RW'IVUGABUTUMWA

Kwita ku Muntu Ugaragaje Ubwuzu: Umubwirizabutumwa ashobora kwishimira kubwiriza kuko ari umugabane unezeza mu murimo ashinzwe kandi iyo ubigereraniye n'ibindi, usanga ari byo byoroshye. Ariko rero nta mubwiriza ukwiriye gusuzumirwa ku butyoza bwe mu kuvuga. Umugabane ukomeye cyane w'umurimo we uza amaze kuva ku ruhimbi, aho aba agomba kuvomera imbuto yamaze kubiba. Umuntu wagaragaje ubwuzu aba akwiriye kwitabwaho binyuze mu murimo w'umubwiriza ku giti cye: agasurwa, bagafatanyaga na we gusoma Bibiliya, akamwigisha uko azajya ashakashaka mu Byanditswe Byera, bagafatanyaga gusenga n'abagize umuryango ndetse n'abandi bagize ubwuzu, agashaka uko acengeza ubwuzu bagaragaje mu mitima no mu ntekerezo.⁹²⁶

Gusubiza Ibibazo: Nta mupasitoro wavuga ko afite ibyangombwa bihagije mu gukora umurimo we igihe cyose atazi gusura abantu mu ngo zabo, kandi ngo ashobore gushyikirana na bo, ngo amenye ubukene bwabo. Abantu bakwiriye guhabwa uburyo bwo kubaza ibibazo byerekeye inyigisho zatanze batabashije gusobanukirwa. Umucyo w'Imana ugomba gushyirwa imbere yabo. Igihe bene ibi byakorwaga kandi n'umugabura akabasha gusubiza ibibazo bibazaga, kenshi umucyo w'agatangaza winjiye mu ntekerezo zari zijimye, kandi imitima y'abantu yakomerejwe hamwe mu kwizera ubutumwa bwiza! Ubu buryo ni bwo dukwiriye gukoresha kugira ngo tubashe kumurika umucyo mu ntekerezo z'abantu bashakira kumenya inzira y'agakiza.⁹²⁷

Guhugura Abakozi bo Gukurikirana Abitanze: Abantu bamwe mukorana bakwiriye kuba bari guhugurwa, kugira ngo nuhamagarirwa kujya ahandi hantu bazakomeze gukora umurimo utera abantu kujya mu mukumbi. Nimutyo dusengere iyi gahunda. Tugomba gusenga, tugakora kandi tukizera. Uwiteka ni byose kuri twe.⁹²⁸

Uburyo bw'Ingirakamaro ku Bantu Bafite Impano Isanzwe: Abantu bafite impano zisanzwe bashobora gukora byinshi kubw'umurimo buri wese yakora asura urugo ku rundi; kuruta ko bakorera umurimo mu ruhamwe bibagoye cyane, cyangwa bakaba bakwinjira mu byumba binini biberamo amateraniro bakagerageza kubwiriza imbaga y'abantu mu ijwi rirenga. Impinduka zituruka ku murimo w'umuntu ku giti cye avugana na mugenzi we ni imbaraga ikomeye. Uko turushaho gukorera bagenzi bacu umurimo tutabanje guca mu nzira iziguye, ni ko tuzarushaho kugera ku byiza bihebuje. ... Mukwiriye kwegera cyane abantu mugezaho ubutumwa, atari ukugira ngo bumve ijwi ryanyu gusa, ahubwo bakeneye no kugukora mu kiganza bakuramutsa, bakiga amahame ugenderaho kandi bakabona n'ubwuzu ugira.⁹²⁹

926 *Testimonies for the Church*, vol. 5, p. 255. (1885).

927 *Review and Herald*, April 19, 1892.

928 *Letter* 376, 1906.

929 *Review and Herald*, Dec. 8, 1885.

... **Igisha Abantu Uburyo bwo Kurangwa n'Imibereho Izira Umuze:** Nta mwigisha w'ukuri ukwiriye kumva ko yarangije kwiga amashuri ye igihe cyose atariga amategeko yerekeye ubuzima kandi ataramenya ingaruka imigenzereze itunganye igira ku buzima bw'iby'umwuka. Kuri ibi, akwiriye kuba afite ubushobozi bwo kubwira abantu mu mwuka wuzuye ubwenge, kandi ashoboye no kubaha urugero ruzashimangira amagambo ababwira. Kwigisha abantu imigenzereze myiza ni umwe mu migabane igize umurimo w'abagabura b'ubutumwa bwiza, kandi umugabura azagira amahirwe menshi yo kwigisha abantu ahura nabo.

Igihe asura abantu, ava mu rugo ajya mu rundi, akwiriye gukora uko ashoboye akamenya ibyo bakeneye, akabigisha amahame atunganye kandi akabaha n'amabwiriza bakurikiza kugira ngo bamemerwe neza bihebuje. Ku bantu barya indyo nkene, akwiriye kubagira inama yo kugira ibindi bongeramo, kandi abarangwa no kwaya no gusesagura nabo, ba bandi buzuza ku meza yabo n'amafunguro atari ngombwa kandi yangiza umubiri arimo za keke zirimo amavuta n'amasukari menshi, imigati y'amoko atandukanye n'ibirungo bitari bimwe. Akwiriye kubereka ibyokurya umubiri ukeneye ngo bagire amagara mazima kandi bitera imibereho myiza y'iby'umwuka.⁹³⁰

ABAPASITORO BIGISHA GUSOMA BIBILIYA

Ibiganiro Bigufi - Gusoma Bibiliya Umwanya Munini: Jya wirinda ibibwirizwa birebire. Abantu ntibashobora gufata kimwe cya kabiri cy'ibyo bumva. Vuga bike, ahubwo musome Bibiliya cyane. Iki ni igihe cyo gusobanura neza ingingo yose ikumvikana nk'uko icyapa cyo ku muhanda kigaragara.⁹³¹

Umurimo Nshinganwa Utagomba Guherereza ku Bagufasha: Dukwiriye gukoresha amahirwe yose dufite ubwacu tukagera ku muntu ku giti cye. Umurimo w'umuntu ku giti cye ugomba gukorwa nubwo igihe cyo kubwiriza cyaba cyarabaye gito. ...

Uyu mugabane umwe mu murimo w'umupasitoro ntukwiriye kwirengagizwa cyangwa ngo uhererezwe ku bagore banyu cyangwa se abandi bantu. Ubwanyu mukwiriye kwiwigisha no kwimenyereza gusura buri muryango wose mushobora kugeraho. Umusaruro uzava muri uyu murimo uzahamya ko ari umurimo utanga umusaruro kurusha indi yose umugabura w'ubutumwa bwiza ashobora gukora.

Iyo umupasitoro wirengagije uyu murimo wo gusura abantu mu ngo zabo, aba ari umushumba ukiranirwa kandi Imana irabimugayira. Umurimo we ntuba ukozwe na kimwe cya kabiri cyawo. Iyo aza kuba yakoze umurimo wo gusura abantu, hajyaga kuba harakozwe umurimo mugari kandi ubugingo bwa benshi buba [bwaragejewe ku Mukiza].

⁹³⁰ Letter 19, 1892.

⁹³¹ Letter 102a, 1897.

Imana ntizemera urwitwazo na rumwe rw'ababwirizabutumwa bakerensa umugabane w'ingenzi mu murimo wabo, ari wo murunga utunganye ufatanije umurimo bakora, kandi ukomatanya intumwa itwaye ukuri n'umukumbi n'intama n'utwana twazo byo mu rwuri rw'Uwiteka. Imana ubwayo igira umwana w'umuntu umuyoboro inyuzamo umucyo ngo ugere ku bantu bayo binyuze mu mwete uwo muntu agira ubwe yiyegereza cyane abo agezaho uwo mucyo.

Abanyanteye nke bo mu mukumbi bakeneye gukomezwa mu gihe gikwiriye. Amagambo babwirwa akwiriye kuba ya yandi azabahumuriza, akabongeremo imbaraga kandi akabakomeza kugira ngo bashinge imizi kandi bashikame mu kwizera. Ubu ni bwo buryo Imana yashyizeho bwo gusanga abantu aho bari. Nzi ahantu henshi mu ho nagiye nkorera umurimo hibagiranye mu murimo w'Imana bitewe n'uko intumwa zajyanyeyo ubutumwa bw'ukuri zitasigasiye abantu kubera ko uwo murimo wo gusanga abantu ukabakomeza utari ushimishije.⁹³²

Umurimo Ntukwiriye Gukorwa n'Umusimbura: Kubw'umuhati wawe ubwawe, sanga abantu aho bari. Menyerana nabo. Ntabwo rero uyu murimo wakorwa n'intumwa yawe cyangwa umusimbura. Ntabwo amafaranga y'inguzanyo cyangwa se y'impano ashobora gukora uwo murimo. Ntabwo ibibwirizwa byo ku ruhimbi bishobora gukora uwo murimo. Kwigishiriza Ibyanditswe Byera mu mu miryango ni wo murimo w'umubwirizabutumwa, kandi uyu murimo ugomba gufatanywa n'umurimo wo kubwiriza. Iyo kwigishiriza Ibyanditswe mu miryango bikuweho, kubwiriza konyine kuzahinduka impfabusa.

Abantu bashakashaka ukuri bakeneye kubwirwa amagambo ku gihe gikwiriye; kubera ko Satani nawe ahora ababwirira mu bishuko bye. Nuramuka uhuye n'imbaraga zigukumira igihe ugerageza gufasha ubugingo bw'abantu, ntukazemerere. Kandi nubona umurimo wawe usa nuri gutanga umusaruro mwiza ariko muke, ntibikaguce intege. Komeza ukore, ugire ubushishozi, umenye igihe ukwiriye kuvuga n'igihe cyo guceceka; urinde ubugingo bw'abantu nk'uzabibazwa ku munsu w'urubanza. Ube maso, utagwa mu mitego ya Satani, bikaba byatuma uteshuka ku nshingano yawe.. Ntugahe urwaho ingorane ngo zigukure umutima cyangwa ngo zigutere ubwoba. Hangana n'izo ngorane kandi uzitsinde ufite kwizera gukomeye kandi ushirutse ubwoba. Biba imbuto mu kwizera kandi uzinyanyagize utishisha.⁹³³

Igisha kandi Uyobore Gahunda zo Gusoma Bibiliya: Ukunda kubwiriza, kandi ukwiriye kubona amahirwe yo kubwiriza ahantu hose waba uri. Ushobora gukora umurimo mwiza muri uru rwego, ariko uyu si wo murimo w'ingenzi ukwiriye gukorwa. Abantu bakeneye kwigishwa no gutozwa. Ibyinshi mu bibwirizwa bitangwa byarushaho kungura ababyumva biramutse bigizwe bigufi hagasigara kimwe cya kabiri cyabyo.

⁹³² Letter 18, 1893.

⁹³³ Gospel Workers, p. 188,189, (1915).

Fata umwanya wo kwigisha no kuyobora gahunda yo gusoma Bibiliya. Kora ku buryo ingingo n'amasomo mwize bicengera mu bwenge bw'ababyumvise. Bareke babaze ibibazo kandi ubisubize udaciye iruhande mu buryo bworoheje cyane kugira ngo intekerezo zabo zibashe gufata ukuri kwigishijwe. ...

Igisha nk'uko Kristo yigishaga, iga urugero rwe n'uburyo yakoresheye yigisha. Yabwirizaga ibibwirizwa bike, ariko aho yajyaga hose wasangaga imbaga y'abantu bateranijwe no gutega amatwi inyigisho ze. Abagabura [Ababwirizabutumwa] bagomba kwigishwa kurushaho gukora bakurikije icyitegererezo mvajuru. Ntabwo muratangira umurimo wo kwigisha mutoza abantu. Abantu bazakomeza kujya bumva ibibwirizwa bisimburwa n'ibindi, ariko bazafata ingingo nke gusa mu kibwirizwa, kandi izo ngingo nizigera mu ntekerezo zabo zizatakaza imbaraga zari zifite; bityo ibindi bintu bize binige imbuto z'ukuri zari zabibwe. Nuko rero, uburyo Umwami wacu yakoresheje ni bwo buhebuje ubundi bwose gucengeza mu ntekerezo, ingingo ku ngigo zigize ukuri gufite inyungu y'iteka ryose bakeneye kumenya. Nimureke ubutaka bwo mu mitima bubanze gutegurwa bityo imbuto zizabuterwamo zizamera kandi zikure maze zere imbuto.⁹³⁴

KWIGA UBURYO BWO GUSURA ABANTU MU NGO

Ababishoboye Bose Bakora Umurimo wo Kwigisha Bibiliya: Abantu bose babishoboye bari bakwiriye gukora umurimo wo gusura abantu mu ngo. Uko basura abantu urugo ku rundi, babasobanurira Ibyanditswe Byera, mu buryo bwumvikana kandi bworoshye, Imana iha ayo magambo ububasha bwo gukiza. Umukiza wacu aha umugisha abantu bakora bene uyu murimo.⁹³⁵

Kwigisha Amahame y'Idini si wo Mugambi w'Ibanze wa Gahunda yo Kubwiririza mu Ngo: Hari abantu benshi bifuza cyane kubona umucyo, bakaba kandi bifuza kugira ibyiringiro n'imbaraga birenze ibyo bigeze kugira. Bakeneye gushakwa kandi bakitabwaho mu mwuka wo kwihangana no kutadohoka. Inginga Uwituka mu isengesho usengana umwete kandi ukuye ku mutima kugira ngo aguhe ubufasha. Bwira abantu Yesu bitewe n'uko uzi ko ari Umukiza wawe bwite. Reka urukundo rwe rworoshya imitima n'ubuntu bwe ari byo bisohoka mu kanwa k'umwana w'umuntu. Ntabwo ukeneye kubwira abantu ibyerekeye amahame y'idini, keretse bagize icyo bayakubazaho. Ahubwo shyira abantu ijamba ry'Imana, ufite umwuka w'ubugwaneza, n'urukundo rwifuza gukiza ubugingo bw'abantu, bereke gukiranuka kwa Kristo kutagira akagero, uwo wowe na bo mukwiriye gusanga kugira ngo mukizwe.⁹³⁶

Kwiga Uburyo bwo Kwegeranya Umusaruro: Kwigisha abantu birakenewe. Buri muntu uzakora umurimo w'ibwirizabutumwa azaba akeneye guhugurwa, atari mu byerekeye gukoresha urugeshesho no

⁹³⁴ Letter 29, 1890.

⁹³⁵ Letter 108, 1901.

⁹³⁶ . Manuscript 27, 1895.

gusarura gusa, ahubwo harimo no kwegeranya imyaka, kuyihura no kugosora ukamaramo imyanda. Umurimo wo kugesa ingano wakoze ahantu hose kandi umusaruro wagiye urutanaho buke bitewe n'uko abakoze batakoranye umwete muri ya gahunda yo gusura abantu mu ngo wo kwegeranya ingano bazivanye mu nganogano, bakazihambira imiba bakazishyira hamwe.⁹³⁷

.....**Kwiga Guteranya Ibisarurwa:** Kwiga birakenewe, umuntu wese uzinjira mu murima w'ubutumwa bwiza akeneye kwigishwa. Ntiyigishwe gukera ingano gusa, ahubwo yigishwe no gukuraho amahundo, kuyateranyiriza hamwe no kuyitaho uko bikwiriye. Uwo murimo wagereranywa no gukera ingano wakoze ahantu hose, kandi watanze umusaruro muke cyane bitewe n'uko nta murimo ushishikariwe wakoze n'umuntu ku giti cye ngo ateranyirize ingano hamwe zive mu murama bityo zishyirwe mu kigege.⁹³⁸

.....**Kwiga Uburyo bwo Gukoresha Urushundura rw'Ubutumwa Bwiza:** Intekerezo zikwiriye kuba zikangutse kugira ngo zibashe guhimba inzira nziza n'uburyo bwiza bwo kugera ku bantu twegeranye. Ntabwo dukwiriye gukora gahunda igera kure cyane idusaba ibintu bihenze cyane. Hafi yacu hari abantu ku giti cyabo ndetse n'imiryango dukwiriye twitaho twe ubwacu tubagezaho ubutumwa mu ngo zabo. Akenshi twivutsa amahirwe twari dufite ugasanga turategura igikorwa ahantu ha kure tudafite n'icyizere cyo kubona umusaruro, maze tukaba dutaye igihe cyacu kandi dupfushije ubusa amikoro twari dufite. Abakozi bakenye kwigishwa uburyo bwo guhuriza abantu mu rushundura rw'ubutumwa bwiza.⁹³⁹

Kwiyoroshya mu Murimo wo Gukiriza Yesu Imitima: Umurimo wa Kristo wari ugizwe ahanini no kuganira n'abantu umwe umwe ku giti cye. Yitaga cyane adakebakeba ku kwigisha umuntu umwe umwe; kandi uwo umwe yagiye ageza ku bandi ibihumbi byinshi ubwenge yungutse.

Igisha urubwiruko gufasha urundi rubwiruko; kandi igihe bagerageza gukora uyu murimo, buri wese muri bo azunguka ubunararibonye buzatuma ahinduka umukozi werejwe uwo murimo, akazabasha gukora ahantu hagari. Abantu ibihumbi bitabarika bashobora kugerwaho mu buryo bworoshye cyane. Abantu bize cyane, abagabo n'abagore bitegerezwa kandi bagasingirizwa ko ari ibirangirire mu isi kandi ko bafite impano zidasanzwe, incuro nyinshi bahemburwa n'amagambo yoroheje kandi acishije bugufi avugwa n'umuntu ukunda Imana, ushobora kuvuga iby'urukundo rw'Imana mu buryo bworoheje kandi busanzwe nk'uko ab'isi nabo bashobora kuvuga ku byo bagaburira intekerezo zabo kandi akaba ari nabyo zitindaho. Amagambo nubwo yaba ateguwe neza kandi yizwe neza, agira ubushobozi buke bwo guhindura; ariko umurimo nyakuri kandi urangwa n'ubupfura ukoze n'umuhungu n'umukobwa w'Imana binyuze

937 Letter 16e, 1892.

938 Letter 16e, 1892.

939 Review and Herald, Dec 8, 1885.

mu magambo avuga, cyangwa mu tuntu duto akora, akawukorana kwiyoroshya, bene uwo murimo uzakingurira abantu benshi inzugi zimaze igihe kirekire zikinze.⁹⁴⁰

Uburyo Bwemeza Imitima kandi Bwuje Ineza: Egera abantu mu buryo bushobora kwemeza imitima yabo, burimo ubugwaneza, kandi bwuzuye ineza n'urukundo ukunda Kristo. ... Nta rurimi rw'umwana w'umuntu rushobora gusobanura umurimo w'Ijambo ry'Imana n'Umwuka Wera. Nta mvugo ya mwene muntu ishobora gusobanurira ubwenge bw'undi bufite aho bugarukira ngo amwumvishe agaciro ko gusobanukirwa, nta n'uwashobora gusobanura imigisha Yesu w'I Nazareti aha abantu iyo abanyuzeho mu kwizera.⁹⁴¹

Akamaro ko Gukora abantu mu Ntoki: Ibintu byinshi bishingiye ku buryo wifata igihe uhura n'abo wagiye gusura. Ushobora kuramutsa umuntu umuhereje ukuboko ukamufata mu kiganza kugira ngo bimugaragarize ko umufitiye icyizere. Iyo bitabaye bityo bashobora gutekereza ko utabitayeho.⁹⁴²

Abasore mu Murimo wo Kwigisha Bibiliya mu Mijyi: Abasore bakwiriye kwigishwa kugira ngo babashe gukora umurimo mu mijyi minini. Bashobora kuba batashobora kubwiriza abantu ukuri bahagaze ku ruhimbi, ariko bashobora kujya gusura abantu mu ngo zabo, bava mu rugo bajya mu rundi, bakereka abantu Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Umukungugu n'umwanda w'ubuyobe byarengeye imaragarita z'ukuri kw'agaciro kenshi; ariko abakozi b'Imana bashobora gutwikurura ubwo butunzi bukajya ahagaragara, kugira ngo abantu benshi babubone bubashimishe. Hari imirimo itandukanye ikwiranye n'abantu batandukanye ndetse bafite n'ubushobozi butari bumwe.⁹⁴³

GUSENYA URWIKWE

Gusoma Bibiliya no Gusura Abantu Bitegura Amavuna: Umurimo ugomba gutangira bucece, nta rusaku nta no kuvuza impuruza. Ugomba gutangirira kuri gahunda yo kwigisha Bibiliya bityo ukaba uri kumenyerezwa abantu. Iyi gahunda izatanga umusaruro cyane kuruta gutangirira ku bibwirizwa.⁹⁴⁴

Umurimo wo Gusura Abantu mu Ngo Ukumira Umwuka wo Guhangana: Mu murimo w'Imana hagomba kubamo inzitizi n'ingorane abantu bahura nazo. Nyamara ibibaho byose Imana ibifiteho ijambo; kandi umukozi wayo agomba guhura n'ingorane n'ibimurwanya; kuko ibyo ari uburyo Imana yitoranyiriza kugira ngo igorore imico y'abakozi bayo, kandi bikaba n'ibishingirwaho kugira ngo habeho gutera imbere no kugera ku ntego by'umurimo wayo. Ariko ndingira nkomeje abagaragu b'Umwami Yesu ko bagomba kwibuka ko hari umurimo ukwiriye gukorwa bucece,

⁹⁴⁰ *Review and Herald*, May 9, 1899.

⁹⁴¹ *Letter* 60, 1903.

⁹⁴² *Gospel Workers*, p. 189. (1915).

⁹⁴³ *Historical Sketches*, p. 182. (1886).

⁹⁴⁴ *Letter* 89a.1895.

hatabayeho gukangura umwuka wo kurwanya ukuri utuma kutinjira mu mitima.⁹⁴⁵

Gahunda yo Gusura Abantu mu Ngo Yerekana ko Amavuna Ateguranywe Ubwenge: Ndababwira mu izina ry'Umwami wacu, nkurikije ingabo z'abakozi [mu murimo wayo] mufite ubu, ntabwo mwiteguye rwose kujya mu murimo ukorerwa ahantu hakomeye haganje urwikekwe. Iyaba kimwe cya kabiri cy'igihe gisanzwe gikoreshwa mu mavuna rusange cyakoreshwaga mu kwigisha urugo ku rundi kugeza ubwo abantu bamenyereye neza ukuri kw'abakozi bavuga ubutumwa kandi bakamenya n'impamvu zo kwizera kwabo, byarushaho kuba byiza. Igihe uyu murimo umaze gukorwa, bafata icyemezo niba byaba byiza gukora andi mavuna atwara amikoro menshi.

Amavuna rusange yarakoreshejwe kandi yatanze umusaruro mwiza. Bamwe bitabiriye irarika kandi bakira ukuri, ariko bari bake cyane. Uwiteka yifuzako ko ukuri kwakwegerezwa abantu, kandi iyi nshingano yasohozwa gusa binyuze mu gusanga abantu.⁹⁴⁶

Ubuhanga Busabwa Gukoreshwa mu Gusenya Urwikekwe: Natanayeli yasengeraga kugira ngo amenye neza niba Kristo ari we Mose n'abahanuzi bari baravuze koko. Mu gihe yari akomeje gusenga, umwe mu bantu bari bazanywe kuri Kristo witwaga Filipino, yamutumweho maze aramubwira ati: "Uwo Mose yanditse mu mategeko, n'abahanuzi bakamwandika twamubonye. Ni Yesu mwene Yosefu w'i Nazareti." Nimuzirikane ukuntu urwikekwe rwahise ruhaguruka byihuse. Natanayeli yaravuze ati: "Mbese i Nazareti hari icyiza cyaghaturuka?" Filipino yari azi urwikekwe rukomeye rwari mu ntekerezo z'abantu bahinyuraga umudugudu w'i Nazareti, maze yirinda kujya impaka nawe atinya ko yazamura umwuka wo guhangana, ni ko kumubwira mu mvugo yorosheje ati: "Ngwino urebe." (Yohana 1:45-46).

Aha harimo isomo ku babwirizabutumwa bacu bose, ababwiririsha ubutumwa ibitabo n'abamisiyoneri. Igihe muhuye n'abantu bahinyura ukuri nka Natanayeli, ntimukabahatire kwemera ibitekerezo byanyu mushyizeho imbaraga. Banza uganire nabo ku ngingo mushobora kumvikanaho. Mufatanye guca bugufi musenge, kandi mu kwizera muture ibyifuzo byanyu Kristo ku ntebe y'imbabazi. Bityo, wowe na bo muzafataniriza hamwe gusabana n'ijuru, urwikekwe rudohoke kandi kugera ku mitima yabo bizarushaho koroha.⁹⁴⁷

GU KORERA ABAGEZE MU ZABUKURU

Bategereje Ukuri: Ni igitangaza kubona ukuntu abakozi babona abantu benshi bageze mu zabukuru bakeneye gukorera umurimo muto gusa kugira ngo bakire ukuri kw'Isabato n'ukundi kuri kose. Baravuga bati: Kuki iki kintu ari cyo twahoze dusengera? Twari tuzi ko Ibyanditswe Byera bifite

⁹⁴⁵ Letter 95, 1896.

⁹⁴⁶ Letter 95, 1896.

⁹⁴⁷ Historical Sketches, p. 149, (1889).

byinshi bivuga ku nsanganyamatsiko abiyahimana n'abanyamadini batadusobanuriye kandi batashoboraga no kudasobanurira. Bene abo nta kindibakoze uretse kwishimira umucyo n'ukuri.⁹⁴⁸

Ubuzima Butangira Umuntu Akimara Guhinduka: Nasomye ibyerekeye iki gitekerezo gitangaje: "Banzaniye umusaza w'imyaka igera kuri mirongo irindwi cyangwa mirongo munani, kandi yari ameze nk'aho ari urwibutso rw'imbabazi z'Imana. Namubajije imyaka y'ubukuru afite. Yanyitegereje akanya agato, arangije ansuhiza adedemanga ari na ko amarira ashoka ku matama ye ati: "Mfite imyaka ibiri." Namugaragarije ko ntangaye maze noneho arambwira ati: "Mbere y'imyaka ibiri ishize nabagaho nk'umuntu wapfuye. Ubwo nari ntarabona ubugingo buhishanwe na Kristo mu Mana, sinari nzi kubaho icyo ari cyo."⁹⁴⁹

UBUNARARIBONYE N'UBURYO ELLEN G. WHITE YAKORESHAGA

Ubunararibonye Nagize mu Mizo ya Mbere: Nasaga n'usobanukiwe cyane n'ukuri kwerekeye guhinduka nyakuri ku buryo numvaga nkwiye gufasha incuti zanjye z'abasore ngo zakire umucyo, kandi igihe cyose nabonaga amahirwe, imbaraga zanjye nazikoresheje nganisha kuri iyo ntego.

Nateguraga amateraniro ndi kumwe n'abasore b'incuti zanjye, bamwe muri bo bandutaga ubukuru cyane, kandi bake muri bo babaga ari abantu bubatse. Abenshi muri bo bari imburamukoro n'indangare. Kuri bo ibyo nanyuzemo nababwiraga byumvikanaga nk'umugani muhimbano, bityo ntibumviye kwinginga kwanjye nabingingaga. Nyamara niyemeje ko ntazacogora kugeza ubwo abo bantu nakundaga kandi nari nitayeho baziye gurira Imana. Nakeshaga amajoro menshi nsabira abantu nabaga nashatse, nkabahuriza hamwe tugafatanyaga gusenga.

Bamwe muri bo bari baje aho turi bazanwe n'amatsiko yo kumva ibyo nagombaga kuvuga. Abandi bambonagamo uwo ntari we, babonaga ko ndi umunyamwete mu byo nkora, cyane cyane iyo ku ruhande rwabo bagaragazaga ko ntacyo bitayeho. Ariko muri buri teraniro mu materaniro mato twagiraga, nakomeje kujya ningingira kandi nsabira buri wese ku giti cye, kugeza ubwo bose biyeguriye Yesu, kandi bamenya agaciro k'ibyo twakorewe kubw'urukundo rwe rubabarira. Umuntu wese muri bo yiyeguriye Imana.

Buri joro nahoraga ndota nsa n'uri gukora umurimo ugamije agakiza k'abantu. Muri ibyo bihe, mu ntekerezo zanjye hazaga abantu bihariye badasanze; kandi nyuma yo kurota nashakishaga abo bantu tugasengera hamwe. Buri gihe abo bantu biyeguriraga Uwitaka.⁹⁵⁰

Nyuma y'Imyaka Makumyabiri n'Ibiri Imbutu Zibibwe: Tumaze gusoza iteraniro rikuru twari dufite mu muji wa Michigan, umugore umwe yamfashe mu kiganza abikuye ku mutima, agaragaza umunezero

⁹⁴⁸ Letter 18, 1898.

⁹⁴⁹ Letter 160, 1905.

⁹⁵⁰ *Life sketches*, p. 42, 42. (1915).

utangaje yari afite wo kongera kubona mushiki wacu Ellen White. Yambajije niba nibuka umuhamagaro wabereye mu nzu y'imbaho yari yubatswe mu ishyamba mu myaka makumyabiri n'ibiri yari ishize. Yaradufunguriye, nuko mbasigira *agatabo gato*⁹⁵¹ nari mfite.

Yavuze ko ako gatabo yaje kugatiza abaturanyi ubwo hari imiryango mishya yari yaraje gutura ahakikije urugo rwabo. Ako gatabo kari kamaze gusaza gasigayemo impapuro nke cyane. Yangaragariye ko yifuza cyane kubona indi kopi y'ako gatabo. Yatubwiye ko abaturanyi be banejejwe cyane n'ako gatabo, kandi ko bifuzaga kubona umwanditsi w'ako. Yatubwiye ko igihe namurarikaga, namubwiye ibya Yesu n'ibyiza byo mu ijuru, kandi ko namubwiraga mu magambo yuje ubwuzu ku buryo yumvise atwawe ndetse ko atigeze yibagirwa na mba. Kuva icyo gihe, Uwiteka yagiye atuma ababwirizabutumwa ngo bajye kubabwiriza ukuri, kandi noneho atubwira ko ubu aho hantu hashinzwe ishami rigizwe n'abantu baruhuka Isabato. Impinduka zatewe n'ako gatabo gato bahererekanyaga noneho kakaba kari gashaje, zari zaragiye ziva ku muntu zijya ku wundi, kagakora umurimo wako wa bucece, kugeza ubwo ubutaka bwabaga bumaze gutegurirwa kwakira imbuto z'ukuri.

Ndibuka neza urugendo rurerure twakoreye muri Leta ya Michigan mu myaka makumyabiri n'ibiri ishize. Twari tugiye ahitwa Vergennes gukorera amateraniro. Icyo gihe twari dusigaje ibirometero bigera kuri 24 ngo tugere aho twajyaga. Umushoferi wacu yari yaramenyereye uwo muhanda kubera ko yawunyuragamo kenshi, ariko yaje gushiduka asanga yayobye umuhanda. Uwo munsu twagenze ibirometero bisaga 60. Twanyuze mu dushyamba, duca ku ngiga z'ibiti byari byaraguye ku buryo byari bigoye kubona umuhanda ducamo....

Ntabwo twashoboye gusobanukirwa n'impamvu twazimiriye muri ubwo butayu tukahazera. Nta kintu cyadushimishije nko kubona tugeze ahantu hatari ibiti, hari hubatse akazu k'imbaho, ari naho twasanze wa mushiki wacu nababwiye. Yatwakiranye urugwiro aturarikira kwinjira mu nzu, maze aradufungurira tubyakirana umutima ushima. Mu gihe twariho turuhuka, naganiriye n'uwo muryango maze nywusigira ka gatabo gato. Yakakiranye ibyishimo, kandi yaragasigasiye kugeza ubu.

Hashize imyaka makumyabiri n'ibiri tuzerera mu rugendo rusa n'urwatubereye amayobera, ariko aho hantu twahasanze ishamba ry'abantu bizera ukuri, kandi bavuga ko bumvise ukuri ubwa mbere bagukuye muri ako gatabo gato nabasigiye. Uwo mushiki wacu watwakiriye akaduha ibyo twari dukeneye, ubu afatanije n'abaturanyi be benshi kwishimira umucyo w'ukuri kugenewe iki gihe.⁹⁵²

Ibyabaye mu Mujyi wa Nimes mu Bufaransa: Igihe twakoraga umurimo muri Nimes mu gihugu cy'Ubufaransa, umurimo wacu wari uwo

951 Aka gatabo Ellen G. White avugaga kitwaga "Experience and Views"

952 Signs of Times, Nov. 19, 1876. [Ibimenyetso by'Ibihe.]

gukiza ubugingo bw'abantu. Harimo umusore waracitse intege abitewe n'ibigeragezo bya Satani ndetse n'amakosa amwe n'amwe ya bene Data batari basobanukiwe n'ukuntu bagomba kwitwara imbere y'intekerezo z'urubyiruko. Yaretse kubahiriza Isabato maze yinjira mu kazi k'ikigo cyakoraga ibikoresho kugira ngo anoze ubucuruzi bwe bujyana no gukora amasaha. Ni umusore utanga icyizere cyiza cy'ahazaza. Umunsi umwe, isaha yanyje yari ikeneye gukoreshwa bituma mbonana na we.

Baramunyeretse, bamubwira uwo ndi we, maze nkimwitegereza mu maso, menya ko ari we Uwituka yanyeretse mu nzosi. Uko nari namubonye mu nzosi byagarutse imbere yanyje nk'uko byari biri rwose ...

Yaje mu iteraniro igihe yatekerezaga ko ndi buze kwigisha, kandi yicara ampanze amaso mu gihe cyose namaze mbwiriza. Navugaga mu Cyongereza naho mwene Data Bourdeau agasemura mu Gifaransa. Numvise mfite umutwari wo kugira icyo nkorera uyu musore. Twaganiriye amasaha abiri mwereka ukuntu ubuzima bwe buri mu kaga. Namubwiye ko kuba hari abo bari basangiye kwizera bakoze amakosa iyo itari kuba impamvu yari gutuma atera agahinda umutima wa Kristo, wamukunze cyane, akemera kumupfira kugira ngo amucungure. ...

Namubwiye ko namenye amateka y'imibereho ye n'amakosa yakoze (yari amakosa yoroshye afitanye isano n'amatwara ya gisore), bitari ngombwa kuyaremereza ngo babihe uburemere bukomeye. Namuhendahenze mbogoza amarira, musaba guhindukira, gukorera Satani n'icyaha akitandukanya n'icyaha, kuko yari yarasubiye inyuma burundu, akiyemeza kugaruka nk'umwana w'ikirara ugarutse mu murimo kwa Se, no mu murimo wa Se. Yari afite umurimo mwiza, yimenyereza ubucuruzi bwe. Iyo yiyemeza kuruhuka Isabato, yari gutakaza akazi ... Hari gushira amezi make akaba arangije imenyerezamwuga maze ubucuruzi bwe bugatera imbere. Nyamara namusabye guhita afata icyemezo.

Twafatanije na we gusenga dushyizeho umwete, maze mubwira ko ntaramwemerera ko asohoka mu muryango w'inzu atarahamiriza imbere y'Imana n'imbere y'abamarayika, ndetse n'abantubari aho ati: "Guhera none niyemeje kuba Umukristo." Mbega ukuntu umutima wanyje wanezerewe ubwo yavugaga aya magambo! Iryo joro ntiyigeze asinzira. Yavuze ko akimara kuvuga iryo sezerano yumvise asa n'uri mu muyoboro mushya. Intekerezo ze zasaga n'izejeje, imigambi ye irahinduka, kandi n'inshingano yari amaze gufata yabonaga ari iyera ndetse ikomeye ku buryo atashoboraga kugohoka. Ku munsi wakurikiyeho, yabwiye umukoresha we ko akazi agahagaritse atazongera kumukorera. Yamaze amajoro atatu adasinzira neza. Yari anezerewe cyane kandi ashima Imana kuko yari yamweretse imbabazi zayo n'urukundo rwayo.⁹⁵³

Uburyo Bwiza bwo Gukoresha Neza Ibitabo: Habayeho umugabo twaje gushima cyane ubwe n'umuryango we wose. Ni umugabo ukunda gusoma

⁹⁵³ Letter 59, 1886.

cyane kandi ni umuhinzi ufite imirima minini. Muri uwo murima ahingamo amaronji n'indimu by'ubwoko bwiza cyane, ndetse n'izindi mbuto. Ariko mu itangira ntiyahise rwose yiyemeza gukurikira ukuri, maze asubira inyuma. Baje kumbwira ibye. Mu nzizi za nijoro nagize, nagiye kubona mbona marayika w'Imana ahagaze iruhande rwanjye, arambwira ati: "Jya ku muvandimwe witwa-----, ushyire ibitabo byawe imbere ye, bityo icyo gikorwa kizakiza ubugingo bwe." Naramusuye, ariko nnyana n'ibitabo bike binini nanditse. Naganiriye na we nk'umuntu twari dusanganywe. Nuko mubwira ibyerekeye inshingano ze. Naramubwiye nti: "Mwene Data ufite inshingano ikomeye. Dore aha hari abaturanyi bawe bakuzengurutse. Uzabazwa umuntu wese muri bo. Dore uzi ukuri, bityo niba ukunda ukuri kandi ukaba indahemuka, uzashobora kugira abantu uzana kuri Kristo."

Yanyitegereje atangaye maze aravuga ati: "Sintekereza ko waba uzi ko naretse gukurikira ukuri ku buryo nageze n'aho nemerera abakobwa banjye kujya bajya mu bitaramo byo kubyina no kujya gusenga ku Cyumweru, bityo tukaba tutubahiriza Isabato." Ariko nari mbizi. Nyamara, navuganye nawe nk'aho yari akiri umwe muri twe. Naravuze nti: "Ubu noneho tugiye kugufasha ngo utangire umurimo wo gufasha abaturanyi bawe. Ndashaka kuguha impano igizwe n'ibitabo runaka." Yaransubije ati: "Dufite inzu y'ibitabo, ni ho dukura ibitabo byo gusoma." Narongeye ndavuga nti: "Ntabwo nigeze mbona igitabo na kimwe hano? Ahari wumva ufite intege nke zo gukura ibitabo muri icyo nzu y'ibitabo. Nazanywe no kuguha ibi bitabo kugira ngo abana bawe bazajye babisoma, kandi nawe bizakongera imbaraga." Narapfukamye dufatanyaga gusenga, maze igihe twahagurukaga, amarira yatembaga mu maso he ari na ko yavugaga ati: "Nshimishijwe cyane n'uko waje kundeba. Ngushimiye ibi bitabo wanzaniye."

Mu minsi yakurikiyeho nagiye kumusura, ambwira ko yamaze gusoma umugabane umwe w'igitabo cyitwa *Abakurambere n'Abahanuzi*. Yaravuze ati: "Nta n'umugemo n'umwe nashobora guhindura. Buri gika kigira icyo kibwira umutima wanjye."

Noneho nabajije mwene Data----- ngo ambwire igitabo yabonye ko ari ingenzi kuruta ibindi mu bitabo byanjye. Yaravuze ati: "Byose nabitije abaturanyi banjye, kandi umurinzi w'ihoteri yambwiye ko igitabo cyitwa *Intambara Ikomeye* ari cyo cyiza kurusha ibindi. Ariko yongeye kuvuga iminwa ye ititira ati: "Ntekereza ko *Abakurambere n'Abahanuzi* ari cyo cy'ingenzi kurusha ibindi. Icyo gitabo ni cyo cyatumye mva mu isayo [y'ibyaha]."

Muri make, yafashe umwanzuro udatezuka wo kujya mu ruhande rw'ukuri. Umuryango we wose wifatanije na we, bityo baba amendeze yo gukiza indi miryango baturanye.⁹⁵⁴

Kuganiriza Umwizera Mushya ku Byerekeye Umurimo: Banyeretse umugore wari ufite hafi imyaka mirongo ine y'amavuko. Uwo mugore

954 General Conference Bulletin, April 5, 1901.

w'ahitwa Kantibari (Canterbury, mu Bwongereza) yari yafashe icyemezo cyo kumvira ukuri. Umugabo we amufitiye igishyika cyinshi cyane bityo amukorerwa icyo ashoboye cyose kugira ngo umugore we ajye aza mu materaniro. Bafite akazu keza mu cyaro kandi baragakodesha. Uwo mugore yavuye mu modoka maze araza turaganira. Yavuze ko abantu b'i Kantibari batacyitabira kujya mu nsengeru, ariko avuga ko ihema ryashinzwe ahitwa----- ryamamaje umurimo, bityo abantu bakaba bafite amatsiko yo kumenya icyo ibyo byose bisobanuye. Ubwo buryo ni bwo bwabateye kuza kwitabira amateraniro, kandi abenshi muri bo barabyishimiye. Ntushobora kubinjiza mu rusengeru cyangwa mu cyumba mberabyombi, ariko nubinjiza mu ihema bazemera. ...

Wa mushiki wacu navugaga, wa wundi twavuganiye ku modoka yaravuze ati: "Ibi bintu by'agaciro kenshi dusanga muri Bibiliya ni ibitangaza kuri jye. Igitangaje ni uko tutashoboraga kubibona mbere hose. Bibiliya yuzuye ubutunzi bwinshi kandi ndashaka gukoresha amahirwe nabona yose yo kumva no guteza imbere ubumenyi bwanjye kugira ngo nshobore gufasha abandi. Abaturage bo muri Kantibari bakeneye gukorerwa uyu murimo. Nimuhashinga ihema, abantu bazaza."⁹⁵⁵

Impapuro Zavuye mu Gitabo Cyandikwagamo Ibikorwa bya Buri Munsu mu Mwaka 1892: -*Kuwa 26 Ukwakira, 1892:* Twari twasezeranye kuzajya gusura mwene Data na mushiki wacu H, maze tumaze gufata ifunguro rya saa sita, umuyobozi Danniells, May Walling nanjye ubwanjye, twagiye kumusura nk'uko twari twabimusezeraniye. Bitewe n'ibigeragezo by'umwanzi Satani, umugore wa H. yari yaravuye mu byizerwa. ... Tumaze kugirana ikiganiro kigufi, twese twaciye akabogi turasenga, maze Uwiteka adusukira Mwuka we Wera. Twumvise Imana iri kumwe natwe, kandi twiringira cyane ko uwo muhati twagize utazaba impfabusa.

Kuwa 5 Ugushyingo, 1892: Wari umunsi ushimishije, ariko numvaga mfite intege nke. Twitabiriye iteraniro, kandi twararikiye umuturanyi wacu wa bugufi kujyana natwe. Yahise yemera ko tujyana kandi yasaga n'uwakozwe ku mutima cyane. Ubwo twari mu modoka twerekeje aho amateraniro yaberaga, yavugaga yisanzuye ariko ubwo twari mu nzira dutashye, yari yahindutse ukundi, atuje, nta cyo avuga. Nari nabwirije iby'umugani w'umuntu watashye ubukwe ariko atambaye umwambaro wubukwe, kandi twari twagize iteraniro ryiza cyane. Nyuma yaho uwo mugore yabwiye mwishywa wanjye witwa May Willing ko ababajwe no kuba atarabashije kwitabira amateraniro yose yabayeho kuva twatangira. Yavuze ko atazigera asiba iteraniro na rimwe mu gihe cyose twari dushigaje.

Kuwa 6 Ugushyingo, 1892: Twari twateguye kuzajya kubwiriza mu misozi, ... ariko mu mutima wanjye nari ndemerewe kubwa mwene Data na mushiki wacu H., bityo numva ko ntakwiriye kujya mu misozi ngo ntinze umurimo w'Imana. Jye na May Willing ntitwari tuzi neza aho turi bunyure ariko twafashe urugendo tujya gushaka aho mwene Data H

⁹⁵⁵ Letter 891, 1895.

atuye.... Amaherezo twarahageze. Nabwiye mwene Data H. n'umugore we ko nyje kuganira na bo. Twatangiye kuganira guhera saa munani n'igice tugeza saa kumi n'imwe ... Nagerageje gukora uko nshoboye kose kugira ngo mfashe mushiki wacu H. Hafi y'igihe cyose twamaranye tunganira, yabaga abogoza amarira. Ntekereza ko Umwuka w'Imana yakoze ku mutima we. Turangiye kuganira, nafatanyije nabo gusenga maze mbasiga mu biganza by'Imana.

Kuwa 7 Ugushyingo, 1892: Iryo joro naruhutse neza. Nakangutse saa kumi n'igice z'igitondo, ntangira kwandika. Bigeze saa ine, jye na May Willing twarahagurutse tuja gusura mushiki wacu E.

Kuwa 8 Ugushyingo, 1892: Iryo joro nasinziriye neza. Ku manywa nafashe imodoka njya aho mushiki wacu F. n'abana be bari bacumbitse. Nuko turamujyana, tugenda tunganira, biratinda. Ni umugore wahuye n'akaga gakabije.

Kuwa 9 Ugushyingo, 1892: Mu rwego rwo kwitabira ubutumire bukomaye twari tarahawe, twafashe imodoka maze tugera ku gashyamba kari kanejeje, aho ababyeyi n'abana b'Ishuri ryo ku Isabato bari bateraniye ngo baharuhukire, bahasangirire kandi bidagadure. . . . Naganiriye na bo mu gihe kingana n'igice cy'isaha. Muri iryo teraniro harimo n'abantu benshi batari abizera.

Kuwa 10 Ugushyingo, 1892: Uwo muni naranditse ngeza ku gicamunsi, maze tumaze gufungura, dufata umuhanda tugana ahitwa Bourdon, tuja kubahiriza gahunda twari twahanye na bashiki bacu baho. Twahagiriye ibihe byiza cyane by'amasengesho, twari twiringiye isezerano rya Kristo rivuga ko aho babiri cyangwa batatu bazaba bateraniye mu izina rye, azaterana na bo, akabaha umugisha. Abari aho nabasomeye ubutumwa bw'ingenzi kandi nganira na bo. Narakoze cyane kurenza uko navugaga ku muni w'Isabato; kuko icyo gihe namaranye nabo amasaha agera kuri abiri. Twageze imuhira umwijima utangiye kubudika; ariko Imana yampaye umugisha kandi twari tunerewe mu rukundo rwayo.

Kuwa 11 Ugushyingo, 1892: Mfite ubwoba ko nakoze birengeje urugero. Kuwa ku Isabato, nanditse inyandiko z'amapaji mirongo inani n'esheshatu, zirimo amabaruwa, hiyongereyeho gusura abantu benshi mu ngo zabo. Muri iki gicamunsi nahamagaye mwene Data H. n'umugore we maze mbasigira ibitabo runaka.

Kuwa 21 Ugushyingo, 1892: Uwo muni saa munani z'amanywa, nagiye gusura mwene Data H. n'umugore we maze mbasomera ubutumwa nari maze iminsi nandika kugira ngo nkemure ibibazo mushiki wacu H. yari afite mu ntekerezo ze.

Kuwa 27 Ugushyingo, 1892: Uwo muni nagiye gusura mushiki wacu K n'umukobwa we. Uwo mukobwa we yari aherutse gukora impanuka. Twaraganiriye kandi dufatanyaga gusenga. Uko twasabaga Uwiteka ahe umugisha uwo mubyeyi n'umwana we, Uwiteka yarushijeho kutwegera.

Twakurikijeho gusura mushiki wacu G. w'umupfakazi. ... Twagize igihe cyiza cyo gufatanya amashengesho na mushiki wacu uwo, kandi Umwuka w'Uwiteka yabaye kuri twe. Twaganiriye n'umukobwa wa mushiki wacu G. Uwo mukobwa yari umwangavu ufite imyaka igera kuri cumi n'itandatu. Twamubwiraga iby'urukundo rwa Yesu, kandi tumwingingira kwegurira Umukiza umutima we. Namubwiye ko naramuka yemeye Kristo nk'Umukiza we, azajya amufasha gutsinda ikigeragezo cyose ahura na cyo, kandi azamuha amahoro no kuruhukira mu rukundo rwe. Byasaga n'aho amagambo yacu yamukoze ku mutima. Turangije kuganira, twagiye kureba mwene Data H, n'umugore we.⁹⁵⁶

Uturere Tubereye Gukorwamo Umurimo: Ahitwa Dora Creek n'ahitwa Martinsville n'indi midugudu iri mu ishyamba aho twakoreye umurimo ndahakunda cyane. Ndiringira ko muri utwo turere hazagaragarizwa umwuka wo kwita ku bantu cyane kandi ko hazakoreshwa umwete udacogora kugira ngo abantu bazanwe kuri Kristo. Hari ibintu byinshi bimaze gukorwa aho hantu, kandi hari n'ibindi bizakenera gukorwa.⁹⁵⁷

IGICE CYA 14

UMWIGISHA WA BIBILIYA

UMUGAMBI NI UKWIGISHA BIBILIYA

Dukeneye Ububyutse bwo Kwiga Bibiliya: Ububyutse mu kwiga Bibiliya burakenewe ku isi yose. Abantu bakwiriye guhugukira kwita ku Ijambo ry'Imana, atari ku mahame yashyizweho n'abantu. Ibi nibikorwa, hazakorwa umurimo ukomeye. Igihe Imana yavugaga ko Ijambo ryayo rivuzwe ritazagaruka ubusa, ibyo ni byo yashakaga kuvuga. Ubutumwa bwiza bukwiriye kwigishwa mu mahanga yose. Bibiliya ikwiriye kubumburirwa amoko yose. Kumenya Imana ni bwo burezi bwo mu rwego rwo hejuru, kandi ubwo burezi buzatwikiriza isi ukuri kwako gutangaje nk'uko amazi atwikira inyanja.⁹⁵⁸

.....**Umurimo wo Kwigisha Abantu Bibiliya Watanzwe na Data wo mu Ijuru:** Umurimo wacu twawuhawe na Data wa twese wo mu ijuru. Dukwiriye gufata Bibiliya zacu maze tukajya kuburira abatuye isi. Dukwiriye kuba abafasha b'Imana mu murimo wo gukiza ubugingo bw'abantu. Dukwiriye kuba imiyoboro Imana inyuzamo urukundo rwayo buri muni irugeza ku bantu bariho barimbuka.⁹⁵⁹

Uburyo bw'Imikorere Bwakomotse mu Ijuru: Gahunda yo kwigisha abantu gusoma Bibiliya ni igitekerezo cyakomotse mu ijuru. Hari abagabo n'abagore benshi bashobora gukorera mu shami ry'umurimo wo kwamamaza ubutumwa. Muri ubwo buryo, hari abakozi bashobora gutozwa bagatera imbere bakazahinduka abantu b'Imana bakomeye. Hakoreshejwe ubu buryo, Ijambo ry'Imana ryagejejwe ku bantu ibihumbi byinshi; kandi abakozi ubwabo bagiye bagera ku bantu bo mu mahanga yose n'indimi zose. Bibiliya igezwa mu miryango myinshi, kandi ukuri kwayo kwera kukinjira mu mutimanama. Abantu bahwiturirwa gusoma, kugenzura no kwisuzumira ubwabo, kandi ubwabo bakwiriye kwihitiramo kwakira umucyo mvajuru cyangwa bakawanga. Ntabwo Imana izakunda ko abantu bayikorera uwo umurimo w'agaciro kenshi ngo we kugororerwa. Imbaraga zose zikoreshejwe mu kwicisha bugufi mu izina ryayo, zizakurikirwa n'intsinzi.⁹⁶⁰

⁹⁵⁸ Manuscript 139, 1896.

⁹⁵⁹ Testimonies for the Church, vol. 9, p. 150. (1909).

⁹⁶⁰ Gospel Workers, p. 192. (1915).

Umurimo wo Kwigisha Bibiliya ni Uburyo Burangwa n'Ubushishozi: Mu mujiy wose winjirwamo, hagomba gushingwa urufatiro rukomeye rw'umurimo uzaharangwa iteka. Uburyo Yesu yakoresheje bugomba gukurikizwa. Kubw'umurimo wo gusura urugo ku rundi, no kubwo kwigishiriza Bibiliya mu miryango, umubwirizabutumwa ashobora kugera ku bantu benshi bashaka kumenya ukuri. Kubwo kubumbura Ibyanditswe Byera, gusenga no gushyira ukwizera kwe mu bikorwa, agomba kwigisha abantu inzira z'Uwiteka.⁹⁶¹

Hamwe na Hamwe Kwigisha Bibiliya Bitanga Umusaruro Uruta uw'Amavuna Rusange: Umunsi umwe neretswe ahantu habereye amavuna yakorerwaga mu ihema. Hari harakozwe imyiteguro ikomeye, kandi yari yaratwaye amikoro atari make. Hari harakozwe ibikwiriye byose kugira ngo abahaturiyeye bakangukire kwitabira, kandi koko abantu barakangutse baritabira. Nyamara icyari kigenderewe kwari ukuburira abantu iby'ubuyobe bushobora guteza akaga bwari bufitwe n'ababwirizaga ukuri. Impuruza yaravugijwe, kandi n'ibinyoma bisubirwamo kenshi. Abantu banze kwitabira maze ibyo biteza ingaruka ikomeye. Abakoraga muri iryo vuna bacyitse intege nubwo bari bakoranye umwete mwinshi kubera ko abantu bake cyane bari baje kumva ubutumwa bwabo, kandi bake cyane ni bo bafashe icyemezo cyo kumvira ukuri.

Hari ikindi gihe nongeye kwerekwa aha hantu. Nabonye abigisha ba Bibiliya babiri bari bicaye mu muryango runaka. Bari bafite Bibiliya zabo zirambuwe imbere yabo, maze bakigisha abantu ko Umwami Yesu Kristo ari Umukiza ubabarira ibyaha byabo. Bavugaga amagambo atuje kandi afite imbaraga. Basengaga Imana bashyizeho umwete kandi imitima y'ababumvaga yoroshywaga n'ububasha bw'Umwuka w'Imana. Igihe basobanuraga Ijambo ry'Imana, nabonye ko umucyo urabagirana wamuritse muri ibyo Byanditswe, nuko mvuga mu ijwi rituje nti: "Sohoka ugende mu nzira nyabagendwa no mu mihōra, ubahate kwinjira, kugira ngo urugo rwanjye rwuzure." Luka 14: 23

Abo bakozi ntibirataga ahubwo bicishaga bugufi kandi bari bafite imitima imenetse, bagahora bazirikana ko Umwuka Wera ari we ubashoboza byose. Bitewe n'imbaraga y'Umwuka Wera, uburangare no kutagira icyo bitaho byari byabavuyemo maze hagaragara umwete no kwita kuri uwo murimo. Umucyo w'agaciro kenshi wagejejwe muri buri rugo bagezemo. Ibicaniro byo mu miryango byari byaraseywe noneho byongeye kubakwa, kandi abantu benshi bahindukiriye kwakira ukuri.⁹⁶²

Gusobanura Ijambo ry'Imana: Aho waba uri hose, aho abantu baba bari hose, ukwiriye gukorana umwete. Nk'uko byagiye biba kandi akaba ari nako biri ubu, abantu bahishwe ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana rikwiriye gusobanurirwa abataramenya ibyo ridusaba. Cukumbura mu Byanditswe ufatanyije n'abashaka kwigishwa. Mu itangira

961 Testimonies, vol. 7, p. 38. (1902).

962 Letter 95, 1896

ryawo, umurimo ushobora kuba muto, ariko hazaboneka abandi bantu bazaza kwifatanya nawe mu kuwukomeza, kandi igihe kubwo kwizera no kwishingiriza ku Mana hazabaho gukoresha umwete udacogora kugira ngo abantu bamurikirwe kandi bigishwe ukuri koroheje kw'Ijambo ry'Imana, abazakumva bazamenya icyo kuba umwigishwa nyakuri wa Kristo bisobanuye.⁹⁶³

ABAKOZI BABWIRIZA URUGO KU RUNDI N'ABAJYANAMA B'ABANYABWENGE

Urugero Dutanga Rugira icyo Rukora ku Nama Dutanga: Iyo umuntu ahuye n'ikibazo mu mibereho ye, maze ukagerageza kumugira inama cyangwa se kumucyaha, amagambo umubwira azamuganisha ku mpinduka z'ibyiza igihe gusa ibyo byiza bigaragarira mu rugero utanga n'umwuka ukuranga. Ukwiriye kuba mwiza mbere y'uko hari icyiza ukora. Ntushobora kugira ububasha bwo guhindura abandi igihe umutima wawe bwite utaracishwa bugufi ngo utunganywe kandi woroshywe n'ubuntu bwa Kristo. Igihe uko guhinduka kuzaba kwakubayeho, guhesha abandi umugisha bizaba kamere muri wowe nk'uko kamere y'ururabo rwa roza ari ugukwirakwiza impumuro yarwo cyangwa uko umuzabibu wera amaseri yawo mu mabara yayo meza.⁹⁶⁴

Umurimo wo Gusanga Abantu aho Bari mu Kwigisha Bibiliya: Kubwiriza ubutumwa wasanze abantu aho batuye birakenewe cyane. Iyaba igikorwa cyo kubwiriza cyahabwaga umwanya muto, ariko umurimo wo gusanga abantu iwabo ugahabwa igihe kiruseho, haboneka umusaruro mwinshi cyane. Abakene bakwiriye kugobokwa, abarwayi bakitabwaho, abafite agahinda n'abari ku cunamo bagahumurizwa, abaswa bakigishwa, kandi abadafite ubunariribonye bakagirwa inama. Tugomba kurirana n'abarira, kandi tukishimana n'abishimye. Niduherekezwa n'imbaraga yemeza imitima, imbaraga y'amasengesho n'imbaraga y'urukundo rw'Imana, uyu murimo ntuzabura kwera imbuto.⁹⁶⁵

Abagore Batwaye Ubutumwa bw'Imbabazi: Dukeneye cyane abagore bejeje, abagore batwaye ubutumwa bw'imbabazi bazasura ababyeyi n'abana babo mu ngo zabo, byaba ngombwa bakabafasha mu mirimo yabo yo mu rugo ya buri munsu mbere y'uko batangira kubaganiriza ibyerekeye ukuri kugenewe iki gihe. Nimukoresha ubu buryo, muzabona abantu benshi bazaba umusaruro w'umurimo mukora.⁹⁶⁶

Gushyikira Imitima y'Abantu Binyuze mu Kwita ku Barwayi: Bene Data na bashiki banjye, nimwiyegurire Uwituka kugira ngo mumukorere. Ntimukagire amahirwe mwemera ko abaca mu myanya y'intoki. Nimusure abarwayi n'imbabare, kandi mubereke ko mubitayeho kandi mubikorane umwuka w'ubugwaneza. Niba bishoboka, nimugire icyo mukora cyatuma

⁹⁶³ Letter 30, 1911.

⁹⁶⁴ Mount of Blessing, p. 185, (1896),

⁹⁶⁵ Ministry of Healing, p. 143,144, (1905).

⁹⁶⁶ Review and Herald, July 12, 1906.

barushaho kumva baguwe neza. Mukoresheje ubu buryo, mwakora ku mitima yabo, kandi mukavuga Ijambo rya Kristo.⁹⁶⁷

Guhinduka Incuti y'Umuryango: Bashiki bacu bashobora gukora ibintu byinshi mu kugera ku mitima y'abantu no kuyoroshya. Bashiki banjye, aho mwaba muri hose, mukorane umwuka wo kwiyoroshya. Niba muri mu rugo rurimo abana, mubagaragarize ko mubishimiye kandi mubitayeho. Nimubereke ko mubakunda. Niba hari umwe muri bo urwaye, mugerageze kumushakira ubuvuzi; nimugerageze gufasha no guhumuriza umubyeyi wahangayikishijwe n'umwana we urwaye.⁹⁶⁸

Abantu Bakizwa Buri wese ku Giti cye, Ntabwo ari Muri Rusange: Umunyu ugomba kuvangwa n'ibiribwa; ugomba gucengera, ukabyinjiramo kugira ngo ubirinde bitangirika. Uko ni nako bigenda muri gahunda yo gusanga umuntu ku giti cye ku buryo abantu bagerwaho n'imbaraga ikiza y'ubutumwa bwiza. Ntabwo abo bantu bakirizwa mu kivunge, ahubwo umuntu akizwa ku giti cye. Impinduka zituruka kuri buri muntu ku giti cye ni imbaraga. Dukwiriye kwegera abantu twifuza kugeza ku Mukiza.⁹⁶⁹

Hakenewe Abagore b'Abajyanama: Niba umugore, uwo yaba ari we wese, akwiyambaje, mbese utanga igihe ukamwakira, ukamukomeza, ukajya wakira inzandiko akoherereje, kandi ukumva ufite inshingano yihariye yo kumufasha?⁹⁷⁰ Mwene Data, ukwiriye guhindura imikorere yawe ku byerekeye bene ibi bibazo, maze ugaha urugero rwiza abapasitoro bagenzi bawe. Komeza kugaragariza impuhwe ab'umuryango wawe bwite baba bakeneye ibyo ushobora kubaha byose.

Igihe umugore ari mu kaga, reka ibibazo afite abiture abagore bagenzi be. Niba uyu mugore agomba kugusanga kubera ko hari ibyo yinubira umugabo we, igihe bibaye ngomba, yari akwiriye kuganira iby'ayo makuba arimo n'undi mugore ushobora kubikuganiriza bidateje umwuka mubi cyangwa ngo bigaragare nabi.

Bisa n'aho utabona ko imyitwarire yawe muri iki kibazo iri gutanga urugero rubi. Jya witondera amagambo uvuga n'ibikorwa byawe.⁹⁷¹

Umurimo w'Agahebuzo Ijuru Ryishimira Gufatanya n'Abawukora: Umurimo uri gukora wo gufasha bashiki bacu ngo bumve ko hari inshingano bihariye bafite ku Mana, ni umurimo kandi w'ingenzi. Hashize igihe kirekire uwo murimo wirengagizwa. Ariko igihe uyu murimo ushyizwe imbere y'abantu mu mvugo yumvikana, yoroheje kandi itaziguye, dushobora kwitega ko inshingano z'urugo zizarushaho gukoranwa ubwenge aho kugira ngo zirengagizwe. Uwiteka yashimishwa

967 *Testimonies*, Vol. 9, p. 36. (1909).

968 *Review and Herald*, Oct. 11, 1902.

969 *Mount of Blessing*, p. 59. (1898).

970 Ubu ni ubutumwa bwandikiwe umuntu wari umuyobozi wa Konferanse y'ahantu runaka. [Abakusanyije ubutumwa buri muri iki gitabo]

971 Letter 164, 1902. [Uru rwandiko rwandikiwe umugore wari umenyereye cyane kubwiririza mu ruhamwe kandi wari winjiye mu Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi]

no kubona duhwiturira abantu kwita ku gaciro k'ubugingo bw'umuntu ku bantu bataragasobanukirwa.

Turamutse dushoboye kugira amashami agira gahunda ibera igihe gihoraho kandi kizwi, kandi akaba yarahanzwe, ndetse abayagize bakaba barigishijwe neza ibyerekeye uruhare bakwiriye kugira nk'abagaragu ba Databuja mukuru, amatorero yacu yagira ubuzima n'imbaraga yari akeneye kuva kera. Agaciro k'umuntu Kristo yapfiriye kazarushaho kwitabwaho. Muri rusange bashiki bacu bagira ibihe bibagora bitewe n'ubwiyongere bw'abagize imiryango yabo no kuba bahura n'ibigeragezo abandi badaha agaciro. Nifuje cyane kubona abagore bashobora kwigishwa kugira ngo bafashe bashiki bacu bave mu gucika intege kwabo, ahubwo bumve ko bakwiriye kugira umurimo bakorera Uwiteka. Ibi byazana imirasire y'izuba mu mibereho yabo ubwabo, kandi iyo mirasire bakayimurika mu mitima y'abandi. Nimugenza mutyo, Imana izaguha umugisha wowe n'abo mufatanyaga bose muri uyu murimo ukomeye cyane.⁹⁷²

GUSHAKASHAKA INZIMIZI

Bibiliya Igomba Kujyanwa muri Buri Rugu rw'Umuntu: Ntabwo Bibiliya iboshywe. Ikwiriye kujyanwa ku rugu rwa buri muntu, kandi ukuri kuyirimo gukwiriye kugezwa ku mutimanama wa buri muntu. Igihe bazaba bamaze kwigishwa ukuri, hariho abantu benshi bazashakashaka mu Byanditswe buri munsu kugira ngo barebe ko ibyo bigishijwe ari byo cyangwa atari byo nk'uko ab'i Beroya babigenzaga. Kristo yaravuze ati: "Murondora mu Byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo ari mo mufite ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya." (Yohana 5: 39). Yesu, Umucunguzi w'isi, ntahwiturira abantu gusoma gusa, ahubwo anababwira "gushakashaka cyangwa kurondora Ibyanditswe." Uyu ni umurimo ukomeye kandi w'ingenzi, ndetse ni umurimo twahawe, kandi igihe tuzaba tuwukora tuzawungukiramo cyane kubera ko kumvira itegeko Kristo yatanze nta kabuza bizaduhesha ingororano. Iki gikorwa cy'ubuyobohe mu gukurikira umucyo wahishuriwe mu Ijambo rye azagitamiriza ikamba ry'uko acyishimira.⁹⁷³

Hari Abantu Benshi Bategereje Kwinjizwa: Ku isi yose abagabo n'abagore bahanze amaso ijuru. Amasengesho, amarira no kwinginga birazamuka bikajya mu ijuru biturutse mu mitima yifuza umucyo, ubuntu na Mwuka Muziranenge. Abantu benshi bari ku rugabano rw'ubwami bw'Imana bategereje gusa kwinjizwa.⁹⁷⁴

Gushakisha Inzimizi: Uyu murimo ugomba gukorwa nta gukebakaba. Intama zazimiye ziri mu gihugu cyose aho muba. Nuko rero mugomba gushakashaka no gukiza izazimiye. Zo ubwazo ntizizi uko zakwigarura mu mukumbi.⁹⁷⁵

⁹⁷² Letter 54, 1899.

⁹⁷³ *Counsels on Sabbath School Work*, p. 84. (1889).

⁹⁷⁴ *Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 72. (Kinyarwanda).

⁹⁷⁵ Letter 189, 1899.

Kubona Amahirwe yo Kwiga Bibiliya: Muri buri mujyi mwinjiyemo hakwiriye gushingwa urufatiro rukomeye ruzubakirwaho umurimo uzahoraho. Uburyo Umukiza yakoresheye bugomba gukurikizwa. Kubw'umurimo wo gusura urugo ku rundi, no kubwo kwigishiriza abantu Bibiliya mu miryango yabo, umukozi w'Imana ashobora kugera ku bantu benshi bafite inyota yo kumenya ukuri. Kubwo kubabumburira Ibyanditswe Byera, gufatanya na bo gusenga, no kugaragariza ukwizera kwe mu bikorwa, agomba kwigisha abantu inzira y'Uwiteka.⁹⁷⁶

Gushaka Abantu b'Abanyakuri: Nkwiriye gukora uko nshoboye kose nkamenyesha abantu bacu ubutumwa bubabwira ko Uwiteka afite abantu b'abiringirwa mu mijyi yacu yose, kandi ko dukwiriye kubashaka. Uwiteka ntashimishwa n'uburyo twiyerekanye. Hari imijyi myinshi itarigera igerazwamo ubutumwa. Abiyemeza kwinjira mu murimo wo kuburira abantu batuye mu mijyi yacu minini, bazigira byinshi mu murimo wo kuzana abandi kuri Kristo. ... None se bazahinduka bate batigishijwe ukuri ngo gushyirwe imbere yabo mu buryo bunonosoye, umurongo ku murongo, n'itegeko ku itegeko? ...

Abakozi ntibakwiriye gukoresha igihe cyabo bajya hirya no hino mu matorero amaze gushinga imizi mu kuri, mu gihe ahantu hose hakiri abantu benshi batarigera na rimwe basobanurirwa ukuri.⁹⁷⁷

Umukozi Uyobowe mu Ngo z'Abantu Bafite Ubwuzu: Umucyo, ndetse umucyo uvuye mu Ijambo ry'Imana. Iki ni cyo abantu bakeneye. Abigisha b'Ijambo ry'Imana niba babishaka, Uwiteka azabayobora maze bagirane isano yimbitse n'abantu. Azabayobora abageze mu ngo z'abantu bakeneye kandi bifuzwa kumenya ukuri; kandi igihe abagaragu b'Imana birunduriye mu murimo wo gushaka intama zazimiye, ubushobozi bwabo mu by'umwuka burakanguka kandi bukongerwa imbaraga.⁹⁷⁸

Gukoresha Imbaraga Zisumbyeho Incuro Cumi: Iyaba kimwe cya kabiri cy'igihe gikoreshwa mu kubwiriza cyakoreshwaga mu murimo wo gusura abantu urugo ku rundi, haboneka umusaruro ushimishije. Iyaba abakozi begeraga abantu cyane, hari ibintu byinshi byiza byagerwaho. Igihe gikoreshwa mu gusura imiryango bucece, n'igihe abantu bafata bakabwira Imana mu masengesho, bakayisingiza mu ndirimbo, kandi bagasobanura Ijambo ryayo, akenshi bene icyo gihe kizazana ibyiza byinshi birenze ibyava mu mavuna yo mu ruhamwe. Ibihe byinshi, abantu bagiye bakorwa ku mutima incuro sizaga icumi n'irarika bagejejweho n'umuntu umwe ubasanze kuruta uko bari gukorerwa undi murimo uwo ari wo wose. Umuryango usuwe muri ubu buryo ubwirwa ubutumwa n'umuntu umwe ku giti cye. Abagize uwo muryango baba batari mu ruvunge rw'abantu, baba bari aho bashobora kubwira abaturanyi babo ukuri bumvise. Nabo ubwabo babivugana hagati yabo, bashyizeho umwete kandi babikuye ku

976 *Testimonies* vol. 7, p 38. (1902). [Ibihamya]

977 *Letter* 8, 1909.

978 *Review and Herald*, Dec. 29, 1904.

mutima. Baba bafite umudendeze wo kuvuga ibyo bashidikanya n'ibyo batemera, kandi ibyo bitekereze byabo byose bishobora guhinyuzwa n'ijambo ngo, "Ni ko Uwiteka avuga." Iyaba uyu murimo wakorwaga n'abantu bicishije bugufi kandi bafite imitima yasabwe n'urukundo rw'Imana, aya magambo yasohozwa ngo: "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge." (Zaburi 119:130).

Abantu Bamwe Basa n'Abatakwegerwa: Abantu bakorera Imana bazabona abantu bamwe badapfa kwegerwa. Kubavugisha bisa nk'aho ari ukubasuzuguzwa ku buryo uba uvogereye umwihariko wabo mu kwizera no kwitanga, bityo ntibarebe ijisho ryiza abakozi bakorana n'Imana. Abo bakozi bakwiriye gukura amaso yabo ku nariye ahubwo bakayahanga Kristo Yesu, bakitondera bikomeye amabwiriza dusanga mu Ijambo ryayo.⁹⁷⁹

ABAGORE MU MURIMO W'IVUGABUTUMWA

Muri Iki Gihe cy'Amage: Uwiteka afite umurimo ugomba gukorwa n'abagore n'abagabo. Muri iki gihe cy'amage, bashobora guhagarara mu myanya yabo muri uwo murimo, kandi Uwiteka azabakorera. Nibaba basobanukiwe neza n'inshingano yabo, kandi bakemera gukoreshwa n'imbaraga y'Umwuka Wera, bazagira ubwitonzi no kuzuza bisabwa muri iki gihe. Umukiza azamurikirishiza abo bagore umucyo uturutse mu maso he, kandi azabaha imbaraga zisumba iz'abagabo. Mu miryango bashobora kuhakora umurimo abagabo batashobora. Uwo murimo ni umurimo ukora ku bugingo bw'imbere mu muntu. Bashobora kwiyegezeza imitima y'abantu abagabo batashobora kugeraho. Umurimo wabo urakenewe.⁹⁸⁰

Abagore Bahoza Umurimo w'Imana ku Mutima: Abagore bahoza umurimo w'Imana ku mutima bashobora gukora umurimo mwiza mu turere batuyemo. Kristo atubwira iby'abagore bamufashije kwigisha abandi ukuri, kandi na Pawulo nawe atubwira iby'abagore bafatanyije umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza. Ariko se ni kangahe abagore bakora umurimo muto cyane kandi bagombye gukora umurimo wagutse baramutse babishatse!⁹⁸¹

Igihe Abagore Bizera Bumva Bafite Umutwari wo Gukiza Ubugingo bw'Abantu: Nshingiye ku byo mwanyuzemo, natekereje ko igihe muhagarikiwe n'Imana mukwiriye gukoresha ubushobozi mufite maze hagashyirwaho imirongo runaka y'umurimo w'Imana aho abagore bafatanyiriza hamwe gukora umurimo w'Uwiteka. Nta gushidikanya hakwiriye kubaho umubare munini w'abagore birundurira mu murimo wo kubwiriza ubutumwa abantu bariho bababazwa, bakabazahura kandi bakabigisha kwizera Yesu Kristo Umukiza wacu. Uko abantu bazajya biha Umwami Yesu, bakamwiyegurira burundu, ni ko bazasobanukirwa namahame twizera. ...

⁹⁷⁹ Letter 5, 1896.

⁹⁸⁰ Review and Herald, Aug. 26, 1902. [Urwibutso n'Integuza]

⁹⁸¹ Letter 31, 1894.

Mbabazwa cyane n'uko bashiki bacu benshi bo muri Amerika badakora umurimo bagombye gukorera Umwami Yesu. Baramutse bagumye muri Kristo, bazahabwa ubutwari, imbaraga no kwizera kugira ngo bakore umurimo. Abagore benshi bakunda kuganira. None se kuki batabwira amagambo ya Kristo abantu bari mu nzira yo kurimbuka? Uko turushaho kwegerana na Kristo, ni ko imitima yacu irushaho kwiga no gusobanukirwa n'akaga abantu batazi Imana bafite, kandi batiyumvisha ukuntu basuzuguza Kristo wabaguze amaraso y'igicro.

Igihe abagore bizera bazumva bafite umutwari wo gukiza ubugingo bw'abantu, ndetse bakaremererwa n'umutwari w'ibyaha byabo bwite, bazaba bakora umurimo nk'uko Kristo yakoraga. Nta kintu bazabona ko kibakomereye batakoraga ngo bakirize Kristo imitima. Kandi umuntu wese ufite uru rukundo akunda ubugingo bwa bagenzi be, aba yarabyawe n'Imana. Bene abo bantu baba biteguye kugera ikirenge mu cya Kristo kandi amagambo bavugaga n'amajwi yabo bihinduka italanto zikoresheye mu murimo wa Shebuja. Ibyokurya bigera mu bukingo bwabo biturutse mu bubiko bukuru noneho bisohoka binyuze mu miyoboro itandukanye y'urukundo bakunda abantu bumagaye kandi bishwe n'umwuma.

Gukora uyu murimo, ni uguhora wiga. Kugira icyifuzo cyo kubera abandi umugisha bituma umukozi w'Imana amenya intege nke ze ndetse n'uko we ubwe atihagije. Ibi bituma umuntu yegera Imana mu isengesho, bityo Umwami Yesu akamuha umucyo n'Umwuka we Wera. Abantu basobanukirwa ko Kristo ari we woroshya imitima ikomeye, akayimenagura.⁹⁸²

Abagore Bakenewe mu Byiciro Bitandukanye by'Umurimo: Mu byiciro bitandukanye by'umurimo w'Imana, hari umurima mugari aho bashiki bacu bashobora gukorera Databuja umurimo mwiza. Hari inzego nyinshi z'umurimo w'ibwirizabutumwa zirengagizwa. Mu matorero atandukanye, hari imirimo myinshi akenshi isigara ntacyo ikozweho cyangwa se igakorwa nabi yagombye gukorwa neza bashiki bacu batanzeho umusanzu wabo igihe bayisobanuriwe neza. Binyuze mu nzira zitandukanye z'umurimo wo kubwiriza ubutumwa mu ngo, bashobora kugera ku bantu batigera bagerwaho n'abagabura bacu. Mu bagore bubahwa bagaragaje ubutwari bagafata icyemezo cyo gukurikira no kurwanirira ukuri kwagenewe ab'iki gihe, harimo benshi bafite ubuhanga, gusobanukirwa, n'ubushobozi kandi baba abakozi batanga umusaruro. Imihati ya bene abo bagore b'abakristo irakenewe.⁹⁸³

Uruhare rw'Abagore mu Murimo w'ibwirizabutumwa: Umugore witonda kandi w'umunyabwenge ashobora gukoresha imbaraga ze ku rwego ruhanitse mu byiciro bitandukanye by'umurimo w'ibwirizabutumwa rikorerwa mu ngo. Ni bande bashobora kugira urukundo rwimbitse bakunda ubugingo bw'abagabo n'abagore Kristo yapfiriye, bakabakunda nk'abaragwa b'ubuntu bwe? Ni ba nde bashobora guhagararira ukuri

982 Letter 133, 1898.

983 Review and Herald, Dec. 10, 1914.

n'icyitegerereze Kristo yatanze kurusha abagore b'abakristo bafite imyitwarire n'imigirire ihuje n'ukuri kw'Imana?⁹⁸⁴

Umugore Ashobora Gukora nk'Umujyanama, Umwunganizi, n'uwo Basangiye Umurimo: Umugore aramutse akoresheje igihe cy'e n'ubushobozi bwe neza, akishingikiriza ku Mana ngo imuhe ubwenge n'imbaraga, ashobora gukora umurimo ungana n'uwo umugabo we, amubera umujyanama, umwunganizi, n'uwo bafatanije umurimo kandi ntibimubuze kurangwa n'ineza no kwiyoroshya bya kigore. Ashobora kuzamura imico ye, kandi uko azamura iyo mico ni ko azamuka kandi akubahisha n'imico y'ab'umuryango we, kandi agateza impinduka nziza mu bamukikije nyamara atabizi. Kuki abagore badakarishya ubwenge bwabo? Kuki batasohozwa umugambi Imana ifitiye kubaho kwabo? Kuki badashobora gusobanukirwa n'imbaraga bafite, kandi igihe bamenye ko izo mbaraga bazihawe n'Imana bagahirimbana kuzikoresha ku rwego ruhanitse bagirira neza abandi, bateza imbere umurimo w'ivugurura, umurimo w'ukuri n'ingeso nziza mu isi? Satani azi yuko abagore bafite imbaraga zo guhindurira abandi ku cyiza cyangwa ku kibi. Kubw'ibyo rero, ashaka kubinjiza mu murimo we.⁹⁸⁵

Imbaraga z'Imibereho Idahindagurika: Inshingano abagore bakiri bato, ababyeyi bakuze n'abakobwa bafite iratangaje cyane. Baramutse babishatse, bashobora guhindurira ababakikije bese gukora ibyiza. Baramutse biyoroheje mu myambarire, kandi bakagira imyitwarire irangwa no kwiyoroshya, bashobora kuba abahamya b'ukuri mu miterere yako yoroheje. Bashobora kureka umucyo wabo ukamurika imbere y'abantu bese, kugira ngo abandi nibabona imirimo yabo myiza, bahereke bahimbaze Se wo mu ijuru. Umugore wahindutse by'ukuri azagaragaraho imbaraga ikomeye ihindurira abandi ku byiza. Nafatanyaga n'umugabo we, azamufasha mu murimo ashinzwe maze amutere umwete kandi amuhindukire n'umugisha. Iyo umuntu yeguriye Umwuka w'Imana ubushake bwe n'uburyo bw'imikorere ye, ibyiza ashobora gukora ntibigira aho bigarukira.⁹⁸⁶

Abikorera Yesu Umutwaro: Bashiki bacu, urubyiruko, abakuze n'abageze mu zabukuru, bese bashobora kugira uruhare muri uyu murimo uheruka ugomba gukorwa muri iki gihe. Kandi mu gukora uyu murimo bakurikije igihe n'amahirwe yose bafite, bazagwiza ubunararibonye bw'ikirenga kuri bo ubwabo. Kubwo kwiyibagirwa ubwabo, bazajya bakurira mu buntu bw'Imana. Kubwo kumenyereza intekerezo zabo gukora uyu murimo, baziga uko bagomba kwikorera Kristo umutwaro.⁹⁸⁷

Ibyerekeye Abakozi Bakora Imirimo yo mu Rugo: Abantu bakoresha abagabo n'abagore ngo babunganire mu mirimo yo mu rugo, bakwiriye

984 *Review and Herald*, Dec. 10, 1914.

985 *Good Health*, June 1880.

986 *Manuscript* 91, 1908.

987 *Review and Herald* Jan. 2, 1899.

kubaha igihembo gikwiriye. Bakwiriye kandi kujya babagaragariza ko bashimishijwe n'imirimo babakoreye. Ntimugatume batekereza ko ubudahemuka bwabo mu murimo bakora budashimwa. Umurimo wabo ni ingenzi nk'uko umurimo w'abigisha Bibiliya uri, kandi bakwiriye kubwirwa amagambo kubashimira. Akenshi baba bakeneye kubwirwa amagambo arangwa n'impuhwe ndetse n'ubwuzu, kandi ntibakwiriye kuyimwa kuko bayakwiriye.

Abakora imirimo yo guteka n'indi mirimo yo mu rugo baba bari mu murimo w'Imana kimwe n'abakora umurimo wo kwigisha Bibiliya. Kubw'ibyo rero, bakeneye cyane kugaragarizwa impuhwe n'imbabazi; kuko mu miterere y'iby'umwuka y'uyu murimo harimo ibituma imitima y'abantu yuzura ubwuzu, ikumva ihawe agaciro, kandi igakomezwa. Kandi mukwiriye kuzirikana ko twese turi abagaragu b'Imana. Umuntu ugukorera imirimo yo mu rugo Imana imuha agaciro nk'ako iha umuntu ukora umurimo wo kwigisha abandi Bibiliya.⁹⁸⁸

ABAGABO N'ABAGORE BAHAMAGARIWE UMURIMO WO KWIGISHA BIBILIYA

Guhuriza Hamwe Impano Kugira ngo Hakorwe Umurimo Ukomeye: Igihe hagomba gukorwa umurimo ukomeye kandi utarangwamo gukebakeba, Imana itoranya abagore n'abagabo ngo bawukore, kandi uwo murimo ntacyo uzageraho nibaramuka badahuriye hamwe impano zabo.⁹⁸⁹

Abagore n'abagabo bashobora kwinjira mu murimo wo gucengeza ukuri ahantu gushobora kugira icyo gukora kandi kukigaragaza.⁹⁹⁰

Abagore Bamwe Bamenyereye Umurimo wo Kwigisha Bibiliya: Hari abagore bamenyereye umurimo wo kwigisha abantu Bibiliya, kandi abo bagore bagera ku ntego yabo cyane mu kwigisha Ijambo ry'Imana mu buryo bworohera abandi. Bahinduka umugisha ukomeye mu kugeza ubutumwa ku babyeyi b'abagore n'abakobwa babo. Uyu ni umurimo wera, kandi abawukora bakwiriye guterwa umwete.⁹⁹¹

Abagore Batari ab'Uruhu Rwera Bahamagariwe Umurimo: Vuba aha, ubwo natekerezaga cyane ibikenewe muri uyu murimo, nasinziraga igihe gito cyane. Kubwiriza ubutumwa binyujijwe mu murimo w'ubuvuzi bigomba gukorwa mu Bantu badafite uruhu rwera, kandi abo Bantu bagomba kwigishwa ubuforomo, guteka n'indi mirimo y'ingenzi mu murimo w'ivugabutumwa. Muri bo harimo abakwiriye kwigishwa, bakaba abarimu, abigisha ba Bibiliya n'ababwiririsha ubutumwa ibitabo.⁹⁹²

Abagabo Badafite Uruhu Rwera Bigishijwe: Abagabo badafite uruhu rwera bagomba kwigishwa bihagije kandi bagahugurwa kugira ngo bajye

⁹⁸⁸ Manuscript 128, 1902.

⁹⁸⁹ Letter 77, 1898.

⁹⁹⁰ Testimonies, vol. 9, p. 128. (1909).

⁹⁹¹ Letter 108, 1910.

⁹⁹² Letter 221, 1904.

bigisha Bibiliya kandi bayobore amateraniro abera mu mahema muri bene wabo. Hari abantu benshi bafite ubushobozi bari bakwiriye gutegurirwa gukora uyu murimo.⁹⁹³

Kwigisha Bibiliya Bikorwe n'Abantu Basobanukiwe iby'Umwuka: Igihe wigisha ukuri kwa Bibiliya, ukuri gukomeye kandi gushungura imitima, ari ko kuri k'ubuntu bwa Kristo, imitima y'abantu irakabakabwa kandi ubugingo bwabo bugahinduka. Mu mihati yawe rero, ukwiriye gufatanya n'abantu basobanukiwe iby'umwuka, abantu muzakorana, abantu bazajya bakoresha amanywa bigisha ibyigisho bya Bibiliya abahindutse vuba, bakababwira uko bagomba kwemerera imbaraga y'Umwuka Wera ikabakoresha kugira ngo abo bantu bakomeze gushikama mu kuri batajegajega. Abo bantu bakeneye amabwirizwa yihariye bakurikiza arebana n'ingingo nyinshi.⁹⁹⁴

Gutoza Abagabo n'Abagore Gukora Umurimo wo Kwigisha Bibiliya: Pasitoro Haskel n'umugore we bayobora gahunda yo kwigisha abantu Bibiliya mbere ya saa sita, maze nyuma ya saa sita abakozi babaga bari muri ayo mahugurwa basohokaga bakajya gusura urugo ku rundi. Iryo vugabutumwa rinyuze mu gusura ndetse no kugurisha ibitabo byinshi n'ibinyamakuru, byafunguriye inzira gahunda yo kwigisha Bibiliya. Abagabo n'abagore bagera kuri mirongo ine bazaga mu ishuri rya mu gitondo, kandi abenshi muri bo bifatanye n'abandi mu murimo wakorwaga nyuma ya saa sita.⁹⁹⁵

UMUNTU USURA ABANDI ABWIRIZA UBUTUMWA BWIZA

Abigisha Bibiliya n'Abasura Abandi: Hari abantu bafite ubunararibonye mu murimo, kubw'umwete mwinshi bakoresha mu matorero ari kugenda apfapfana ndetse n'abantu hashyashya, bari bakwiriye gutoranya abasore cyangwa abagabo bakuze bagomba gufasha mu murimo. Bityo, kubwa gukunda no kwita ku murimo wo kuvuga ubutumwa basanga umuntu ku giti cye, bazunguka ubwenge kandi hazaboneka n'abantu benshi babafasha bazaba bitegura kuba ingirakamaro muri gahunda yo gusoma Bibiliya, kugurisha ibitabo, no gusura abantu mu miryango.⁹⁹⁶

Urubyiruko Rwahamagariwe Kuja Rusura Rujyanye Ubutumwa Bwiza: Hari imirimo myinshi urubyiruko rushobora kugiramo amahirwe yo kugira icyo rufasha. Amatsinda y'urubyiruko akwiriye gukorwa kandi bakigishwa neza gukora ari abaforomo cyangwa abaforomokazi, ababwirizabutumwa bakora umurimo wo gusura abantu mu ngo, abigisha ba Bibiliya, ababwiririsha ubutumwa ibitabo, abagabura ndetse n'ababwirizabutumwa bifashisha ubuvuzi.⁹⁹⁷

⁹⁹³ *Testimonies* vol. 9, p. 207. (1909).

⁹⁹⁴ *Letter* 376, 1906.

⁹⁹⁵ *Review and Herald*, Oct. 29, 1906.

⁹⁹⁶ *Letter* 34, 1886.

⁹⁹⁷ *Counsels to Teachers* p. 546, (1913).

Abagore Bakwiriye Gukora Umurimo wo Gusura: Abagore bashobora gukorera Imana umurimo mwiza baramutse babanje kwigira mu ishuri rya Kristo icyigisho cy'agaciro kenshi kandi cy'ingenzi cyo kuba umugwaneza. Bazashobora kungura inyokomuntu binyuze mu kuyimenyesha ko Yesu Kristo ari byose kuri twe. ...

Abantu benshi bahawe inshingano ziciriritse bakorera Shebuja, mu gihe gito bumva batanyuzwe maze bagatekereza ko bakwiriye kuba abigisha n'abayobozi. Bashaka kuva mu mirimo yoroheje inganya agaciro n'inshingano zagutse. Iyo hashize igihe gito, abantu batoranyirijwe gukora umurimo wo gusura abantu mu ngo, batekereza ko umuntu wese ashobora gukora uwo umurimo, bagatekereza ko umuntu uwo ari we wese ashobora kuvuga amagambo yuje impuhwe no gukomeza ufite intege nke, kandi ashobora kuyobora abantu mu buryo butuje kandi bwiyoheje akamufasha gusobanukirwa n'Ibyanditswe Byera. Ariko rero, uyu ni umurimo usaba kugira impano nyinshi, usaba kwihangana cyane no guhora wunguka ubwenge. ...

Nta murimo dukorera Databuja ukwiriye kurebwa nk'aho uciye bugufi cyangwa w'agaciro gake.... Iyo tuwukoze twishimiye, twiyoroheje mu mutima kandi twuzuye ubugwaneza bwa Kristo, amaherezo uzahesha Imana ikuzo.⁹⁹⁸

ABAGORE MU KUBWIRIZA UBUTUMWA MU RUHAME

Uburyo Umurimo w'Abagore Utanga Umusaruro: Abagore bashobora kuba ibikoreshe byo gukiranuka, bakorera abandi umurimo wejejwe. Mariya ni we wabaye uwa mbere kubwiriza ibyo kuzuka kwa Yesu Kristo ... Iyaba ahantu hari umugore umwe ubu habaye abagore makumyabiri bashobora gufata iyi nshingano yera akaba ari yo bagira nyambere, twabona abantu benshi bakira ubutumwa bw'ukuri. Mu murimo ukomeye wo kubwiriza abantu ukuri, hakenewe imbaraga itunganya kandi yoroshya imitima irangwa mu bagore b'Abakristo.⁹⁹⁹

Umugabo n'Umugore we Bafatanyije Umurimo: Hari abagore benshi bakwiriye gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza. Hari inzego nyinshibakoramumurimomwizakurusha abagaburan'ababwirizabutumwa bakerensa gusura umukumbi w'Imana.¹⁰⁰⁰

Hakenewe Ubwenge bwo Guhitamo Abigisha b'Ubutumwa Bwiza: Umurimo w'Imana ukwiriye gutoranyirizwa abagabo b'abanyabwenge kandi bejejwe, bashobora gukora umurimo mwiza wo gusanga abantu. Birakwiriye kandi gutoranya abagore bashobora kwigisha ukuri mu buryo busobanutse, bw'ubuhanga kandi budaca ku ruhande. Muri twe, hakenewe abakozi babona ko umurimo wimbitse w'ubuntu bw'Imana ukeneye gukorera mu mitima y'abantu; kandi bene abo bakwiriye guterwa umwete

⁹⁹⁸ Letter 88, 1895.

⁹⁹⁹ Review and Herald, Jan. 2, 1879.

¹⁰⁰⁰ Manuscript 43a, 1898.

kugira ngo biyegurire mu murimo w'ibwirizabutumwa kandi bakorana umurava. Hashize igihe kirekire dukeneye itsinda ry'abandi bakozi nk'aba. Dukwiriye gusengana umwete tugira tuti: "Uwiteka dufashe kugira ngo natwe tubone uko dufashanya." Inariye ikwiriye guhambwanwa na Kristo, kandi tugomba kubatizwa n'Umwuka Wera w'Imana. Ni bwo mu magambo tuzavuga, mu mwuka uturanga no mu mikorere yacu hazagaragarira ko tuyobowe n'Umwuka w'Imana.

Dukeneye abakozi b'abagabo n'abagore basobanukiwe impamvu shingiro zo kwizera kwacu, kandi bazi umurimo bagomba gukora mu kubwira abandi ukuri, ndetse bakazirinda kuvuga amagambo ashobora kugwabiza icyizere abantu bari bafitiye Ijambo ry'Imana. Bakwiriye kandi kwirinda amagambo yakwica ubusabane buba hagati y'abasangiye kwizera.¹⁰⁰¹

Umwigisha wa Bibiliya Abwiriza Iteraniro: Buri cyumweru kije kigira ibyacyo; umuntu umwe cyangwa babiri bakira ukuri, bityo impinduka zitangaje ziba mu mibereho yabo n'imico yabo zibonwa n'abaturanyi babo, ku buryo imibereho y'abaturanyi babo iba yahindutse bityo nabo bakayobora abandi ku kuri; kubw'ibyo ubu nabo bakaba bari gushakashaka mu Byanditswe bashyizeho umwete. ...

Mushiki wacu R. na mushiki wacu W. bari gukora umurimo mwiza w'ingenzi nk'abapasitoro; kandi iyo abapasitoro bahamagariwe kujya kubwiriza ahandi, mushiki wacu W. ayobora amateraniro, agafata Bibiliya maze akabwiriza iteraniro.¹⁰⁰²

Mushiki wacu Abwiriza Inteko y'Abantu: Twizera rwose gahunda y'Itorero, ariko ntacyo twizera kijyanye n'amabwiriza adakuka y'uburyo nyabwo tugomba gukora; kubera ko abantu bose batagerwaho hakoreshejwe uburyo bumwe. ...

Buri muntu wese afite itara agomba kwitaho rigahora ryaka....Hari umucyo mwinshi umurika uturuka ku itabaza rimurika mu nzira y'impabe, kandi uwo mucyo uruta uwakomoka ku kwiyerekana. Mbega umurimo wakorwa turamutse tudakoze ibirenze ubushobozi bwacu!

Mushiki wanjye, igisha abantu icyo kintu. Imbere yawe hari inzira nyinshi zikinguye. Bwiriza imbaga y'abantu igihe cyose ubishoboye, koresha ubushobozi bwose bwakurura abantu uko ubishoboye wifashishije kwifatanya n'abantu kose kwabaho kukaba uburyo bwo kubasembura nk'uko umusemburo ushyirwa mu mugati. Buri mugore na buri mugabo wese afite umurimo agomba gukorera Shebuja. Hakoreshejwe uburyo bworoheje cyane, kwiha Imana no kwiboneza imbere yayo by'umuntu ku giti cye bizatanga umusaruro mwinshi cyane kuruta kwiyerekana mu buryo bukomeye.¹⁰⁰³

¹⁰⁰¹ Letter 54, 1909.

¹⁰⁰² Letter 169, 1900.

¹⁰⁰³ Review and Herald, May 9, 1899.

Ishuri rya Bibiliya Riyobowe n'Abagore mu Iteraniro Rikuru: Amateraniro makuru yacu akwiriye kuyoborwa mu buryo aba nk'amashuri yo kwigishirizamo abakozi bacu. Dukeneye gusobanukirwa neza ibyerekeye uko umurimo wacu ugabanijwemo ibice; kandi tukigisha abantu bose uko bakora buri gice kigize umurimo kandi bakagera ku ntego igamijwe. ... Hakwiriye kubanza ibibwirizwa bigufi, maze hagakurikiraho amatsinda yo kwiga Bibiliya. Uwigisha akwiriye gukora uko ashoboye agashimangira ukuri mu ntekerezo z'abantu. Abagore b'abahanga baramutse bahindutse by'ukuri, bashobora kugira uruhare muri uyu murimo wo kuyobora amatsinda mu kwiga Bibiliya. Hari umurimo mugari abagore bagomba gukora kimwe n'abagabo.¹⁰⁰⁴

AMAHUGURWA N'IBIYABANZIRIZA

Agaciro k'Abakozi Bahuguwe Neza: Imana irahamagara abakozi, ariko yifuza abakozi bafite ubushake bwabo mu bwayo, kandi bazigisha ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Umukozi umwe wahuguwe kandi wigishijwe gukora umurimo, akubitiyeho no kuyoborwa n'Umwuka wa Kristo, azakora ibirenze ibyo abakozi cumi bajya gukora ariko batabifitemo ubumenyi kandi bafite n'intege nke mu kwizera. Umuntu ukora akurikije inama y'Imana kandi agafatanyana na bene Se, azaba ingirakamaro cyane mu gukora ibyiza kurenza abantu icumi batabona ko kwishingikiriza ku Mana no gukora batabusanya na gahunda rusange y'umurimo ari ngombwa.¹⁰⁰⁵

Abigisha ba Bibiliya Bavuye mu Mashuri Yacu: Muri buri shuri Imana yashyizeho, hazakenerwa kwigishwa Bibiliya kurenza uko byigeze bibaho. Abanyeshuri bacu bagomba kwigishwa bagahinduka abigisha ba Bibiliya, kandi abigisha ba Bibiliya bashobora gukora umurimo utangaje baramutse ubwabo bigiye ku Mwigisha mukuru.

Ijambo ry'Imana ni ryo filozofiya nyayo rikaba n'ubuhanga nyakuri. Ibitekerezo by'abantu n'ibibwirizwa byabo bishingiye ku marangamutima bitanga umusaruro muke cyane. Abantu bacengewe n'Ijambo ry'Imana ni bo bashobora kuryigisha mu buryo bworoheje nk'ubwo Kristo yakoresheye. Ariko rero ibintu byinshi bishingiye ku kuramburira Ibyanditswe Byera abantu barindagirira mu mwijima dukoresheje ijambo rimwe ridahita ryumvikana ...

Hakenewe abakozi bazajya begera abatizera, aho kugira ngo abe ari bo bategereza ko abatizera ari bo babasanga. Hakenewe abakozi bazajya gushakashaka intama zazimiye, abantu bazakora umurimo wo gusura abantu mu ngo kandi bazajya batanga inyigisho zumvikana, zitarimo urujijo.

Amashuri yacu yagombye kugira intego yo guha abantu bazigisha Bibiliya inyigisho n'amahugurwa bihebuje ibindi. Konferanse zacu zagombye kureba ko amashuri yacu afite abarimu bigisha Bibiliya neza

¹⁰⁰⁴ Letter 84, 1910.

¹⁰⁰⁵ Review and Herald, May 29, 1888.

kandi bafite ubunararibonye mu mibereho ya Gikristo. Italanto ihebuje izindi y'ubugabura ikwiriye kuzanwa mu mashuri.¹⁰⁰⁶

Uburezi Bwagutse Bukubiyemo no Kwigisha Bibiliya: Uwiteka ashaka ko ishuri ryaba n'ahantu abigishwa batorezwa imirimo ikunze kuba mu nshingano z'abagore harimo: guteka, imirimo yo mu rugo, kudoda no kuboha imyenda, ibaruramari, gusoma no kuvuga ururimi neza. Abagore bakwiriye kugira ubumenyi bubabashisha kujya mu mwanya uwo ari wo wose bashobora guhamagarirwa harimo: kuba abayobozi ahantu hatandukanye, abigisha b'Ishuri ryo ku Isabato cyangwa se abakozi bigisha Bibiliya. Bagomba gutegurirwa kwigisha amashuri y'abana ya kumanywa.¹⁰⁰⁷

Hakenewe Abakozi Bafite Ubunararibonye Batari Abahungu n'Abakobwa Bakiri Bato: Umurimo wo kubwiriza ubutumwa ntukwiriye gushingwa abahungu bakiri bato, ndetse n'umurimo wo kwigisha Bibiliya ntukwiriye gushingwa abakobwa bakiri bato badafite ubunararibonye bitewe n'uko gusa bakora ibyo basabwe kandi ukabona baba bafite ubushake bwo kujya mu myanya y'inshingano ziremereye, nyamara bakaba babuze ubunararibonye mu by'idini, batarize kandi batarahuguwe mu buryo bunoze. Bakwiriye kubanza gusuzumwa mu rwego rwo kureba niba bazashobora kwihanganira ibigeragezo, kandi igihe cyose baratakuza muri bo kugendera ku ihame ridakebakeba ngo bemere kuba icyo Imana ishaka ko baba cyo, ntabwo bazahagararira uruhande duhagazemo n'umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe.

Kuri bashiki bacu biyeguriye mu murimo muri buri misiyoni, bakwiriye kugira ubunararibonye bwimbitse bakuye ku bandi nabo bungutse ubunararibonye kandi basobanukiwe uburyo bw'imikorere. Ibikorwa by'ibwirizabutumwa bihora bihura n'imbogamizi bitewe no kubura abakozi bafite ubwenge nyakuri bukenewe, kubura abakozi bitanze rwose kandi barangwa n'ubutungane buzagaragaza ukwizera kwacu uko nk'uko bikwiriye.¹⁰⁰⁸

Umurimo Ukeneye Abantu b'Abahanga: Abasore ntibari bakwiriye kwinjira mu murimo wo gusobanurira abandi Ibyanditswe Byera no kwigisha ibyerekeye ubuhanuzi mu gihe bataramenya agaciro k'ukuri kwa Bibiliya baba bagerageza gusobanurira abandi. Bashobora gutsindwa n'amashami rusange biga mu by'uburezi, bityo ntibashobore gukora umurimo mwiza bagombye gukora iyaba baragize amahirwe yo kwiga ishuri ryiza. Ubujiji ntibuzongera kwicisha bugufi k'umuntu, cyangwa ngo bwongere iby'umwuka by'umuntu wese uvuga ko ari umuyoboze wa Umukristo w'umunyabwenge. Kristo ashobora kurushaho guhabwa ikuzo n'abantu bamukorera buzuye ubwenge. Umugambi nyamukuru w'uburezi ni uwo kutubashisha gukoresha imbaraga Imana yaduhaye mu buryo

¹⁰⁰⁶ Manuscript, 139, 1898.

¹⁰⁰⁷ Letter 3, 1898.

¹⁰⁰⁸ Christian Education, p. 45, 46. (1894)

buzatuma tugaragaza neza idini ya Bibiliya kandi bukamenyesha abantu icyubahiro cy'Imana.¹⁰⁰⁹

Hakenewe Abakozi Bigishijwe mu Buryo Bunonosoye: Marayika wa gatatu agaragazwa aguruka aringaniye ijuru, ibyo bikaba bigaragaza ko ubutumwa bugomba kubwirizwa bugahetura isi mu mpande zayo zose. Ni ubutumwa bukomeye kandi bw'ingenzi butigeze buhabwa abantu bapfa, kandi abantu bose bajya mu murimo wo kubwamamaza bakwiriye kubanza kumva ko bakeneye kwiga, kandi bakaba bakwiriye guhugurirwa uwo murimo mu buryo bunonosoye, bahanze amaso uburyo bazaba ingirakamaro mu gihe kiri imbere; kandi hakwiriye gufatwa ingamba hagashyirwaho n'umwete bigamiye guteza imbere iryo tsinda ry'abantu bagamiye kujya mu ishami iryo ari ryo ryose ry'umurimo.¹⁰¹⁰

Umwigisha Akwiriye Kumenya Amahame y'Ukuri: Ukwiriye kumenya neza ko uzi amahame nyayo y'ukuri; bityo igihe uzakura n'abarwanya ukuri, urwo rugaba ntuzarurwana mu mbaraga zawe; ahubwo marayika w'Imana azaguhagarara iruhande kugira ngo agufashe gusubiza ikibazo cyose ushobora kubazwa. Buri munsu ugomba kuba uzengurutse nk'uko byari bimeze kuri Yesu; bityo amagambo yawe n'urugero utanga bizagira imbaraga ikomeye ihindurira abantu ku cyiza.¹⁰¹¹

Guhamagara Abandi Bigisha ba Bibiliya Bize: Ndifuza gushinga ikigega kizafasha mu guhamba abagore bazaba bitanze kandi bakaba ari ingirakamaro cyane mu murimo wo kwigisha Bibiliya. Ibyo binteye kuvuga kandi ko tugomba kwigisha abandi bakozi bazakora umurimo wo kwigisha abantu Bibiliya.¹⁰¹²

IBYO ABIGISHA BA BIBILIYA BAGOMBA KUBA BUJUJE

Ubushobozi bw'Abagore Bakora Umurimo w'Imana: Hakenewe abagore bagendera ku ihame ritanyeganyezwa kandi bafite imico idakebakeba. Ni abagore bizera ko turi mu minsi ya nyuma kandi ko twahawe ubutumwa bukomeye bw'imbuze tugomba kubwira abatuye isi yose. Bakwiriye kwiyumvamo ko bari mu murimo w'ingenzi mu gukwirakwiza hose imirasire y'umucyo Ijuru ryabahundagajeho. Nta kintu na kimwe kizateshura iri tsinda ku nshingano yaryo. Nta kintu kigomba kuzabaca intege Bakora bafite ukwizera kubatera gukora kubw'igihe barimo no kubw'iteka ryose. Bubaha Imana kandi ntibazigera bateshurwa mu murimo wabo n'ibishuko by'ibyabazanira inyungu ndetse n'ibyo barangamiye. Bubahiriza Isabato ivugwa mu itegeko rya kane kuko Imana yayishyizeho kwera kwayo, kandi ikaba yarabategetse kujya bayeza. Uko byagenda kose bazakomeza kuba indakemwa... Abo ni bo bazagaragaza ukwizera kwacu uko bikwiriye, kandi amagambo yabo azavugwa mu buryo bukwiriye bibe nk'amatunda y'izahabu ku mbehe y'ifeza. ... Bashiki banjye,

1009 *Testimonies* vol. 3, p. 160. (1872).

1010 *Review and Herald*, June 21, 1887.

1011 *Gospel Workers*, p. 105. (1915).

1012 *Letter* 83, 1899.

nkunda, Imana irabahamagarira umurimo mu murima weze ugomba gusarurwa kandi irabahamagara ngo mufatanye n'abandi guhambira imiba.¹⁰¹³

Imbaraga Nshya kandi Zidatezuka: Kugira ngo umurimo ujye mbere mu mashami yawo yose, Imana irahamagara urubwiruko rufite imbaraga, ishyaka n'umwete. Yatoranije urubwiruko kugira ngo rufashe mu guteza imbere umurimo wayo. Kugira ngo umurimo uteguranwe intekerezo zifututse kandi ushyirwe mu bikorwa bikoranywe umwete, bisaba ko habaho imbaraga nshya zihorana amafu kandi zidatezuka. Abasore n'inkumi bararikirwa guha Imana imbaraga z'ubusore bwabo, kugira ngo binyuze mu gukoresha imbaraga zabo, mu ntekerezo nzima no mu gukorana ingufu, babashe guhesha Imana ikuzo kandi bageze agakiza kuri bagenzi babo.¹⁰¹⁴

Hakenewe abasore n'inkumi batazashobora guhungabanywa n'ibibaho, bagendana n'Imana, basengana cyane kandi bakoresha umwete mwinshi kugira ngo bakusanyirize hamwe umucyo bashobora kubona wose.¹⁰¹⁵

Abagore Bihangana: Abantu bose bakorera Imana bakwiriye kugira imico ya Marita n'ya Mariya ikomatanyijwe hamwe. Bakwiriye kugira ubushake bwo gukorera abandi n'urukundo rutaryarya bakunda ukuri. Inarijye no kwikanyiza bikazibukirwa. Imana irahamagara abakozi b'abagore bafite umwete, barangwa n'ubwitonzi, bagira urugwiro, umutima w'ineza, kandi b'indahemuka ku mahame bemera. Imana irahamagara abagore bihangana, abagore bazatandukanya intekerezo zabo n'inarijye n'ibibanyura ubwabo, ahubwo intekerezo zabo bakazerekeza kuri Kristo, bakavuga amagambo y'ukuri, bagafatanya gusenga n'abantu bose bashoboye kugeraho kandi bagakora baharanira ko abantu bava mu byaha.¹⁰¹⁶

Abagore Bafite Ubushobozi bwo Gufata Ibyemezo Bitunganye: Hari abagore barangwaga n'ubupfura kandi bari bafite ubutwari mu mico mbonera bwo gufata ibyemezo bishyigikira ukuri bashingiye ku buremere bw'ibihamba bigaragara. Bari baremeye ukuri babikuye ku mutima. Bene abo bagore bagira uburyo bwiza bw'imikorere, bakagira imyumvire myiza n'ubushobozi, kandi bazakorera Shebuja umurimo utanga umusaruro. Harahamagarwa abagore b'Abakristo.¹⁰¹⁷

Imbaraga z'Imico n'Ubushobozi bwo Guhindura Abandi: Abantu bamwe bajya mu murimo w'ibwirizabutumwa bafite intege nke, ntibagira umuhati, ni ibigwari, kandi bacika intege mu buryo bworoshye. Babuze ingufu zibasunika. Ntabwo bafite ibyangombwa bizima byo mu mico yabo bibaha imbaraga zo kugira icyo bakora - ntibafite umwuka n'ingufu bibatera ubwuzu n'ishyaka mu murimo. Abantu bashaka kugera ku ntsinzi

¹⁰¹³ *Review and Herald*, Dec. 19, 1878.

¹⁰¹⁴ *Counsels to Teachers*, p. 535. (1913).

¹⁰¹⁵ *Counsel to Teachers*, p. 537. (1913).

¹⁰¹⁶ *Testimonies* vol. 6, p. 118. (1900).

¹⁰¹⁷ *Review and Herald*, Dec. 19, 1878.

bagomba kurangwa n'umwete kandi bakagira ibyiringiro. Bakwiriye kwimenyereza indangagaciro zo gutuza no gukora. Nubwo bagomba gutanga ibisubizo byoroshye kandi bituje bishobora guhosha uburakari, bagomba kandi kugira ubutwari bubatera kuba intwari bagatsinda ikibi. Kubwo kugira umutima w'urukundo wihanganira byose, bakeneye n'imbaraga z'imico zizatuma impinduka bashobora guteza ziba imbaraga nziza.¹⁰¹⁸

Igisha Buri Ngingo Uyivuye Imuzi: Niba uhamagariwe kuba umwigisha muri rimwe mu mashami agize umurimo w'Imana, uba wahamagariwe kuba umunyeshuri wigira mu ishuri rya Kristo. Niba ufashe inshingano yera yo kwigisha abandi, uba wishyizeho inshingano yo gucukumbura ukagera mu mizi y'ingingo yose ushaka kwigisha.¹⁰¹⁹

Ubutwari, Imbaraga, Ingufu, no Kwihangana: Imibereho ya gikristo irenze kure cyane uko abantu benshi bayitekereza ko iri. Ntabwo iyo mibereho igizwe gusa no kugira neza no kwiyoroshya, kwihangana, n'ubugwaneza. Iyo mico myiza ni ingenzi; ariko kandi haba hakenewe n'ubutwari, imbaraga, ingufu no kwihangana. Inzira Kristo atuyoboramo irafunganye, ni inzira idusaba kwigomwa no kwiyanga. Kwinjira muri iyo nzira no kunyura mu birushya n'ibicantegere bisaba abantu barenze kutaba abanyantegere nke gusa. ...

Bamwe ntibafite imico ihamye. Imigambi yabo n'intego biha ntibifite imiterere ihamye ndetse n'ireme. Mu isi ni abantu bafite umumaro muke cyane mu bikorwa bifatika. Izo ntege nke, kudafata ibyemezo no kuba imburamumaro bikwiriye kurwanywa kandi bigatsindwa. Mu mico nyakuri ya gikristo harimo imbaraga ikomeye idashobora guhindurwa cyangwa gutsindwa n'ingorane zikomeye. Tugomba kugira imico mbonera twubakiyeho ubuzima, tukagira ubupfura budashobora gushyeshywa, ngo bugurwe, cyangwa se ngo buterwe ubwoba.¹⁰²⁰

Kuba Maso no Kurasa ku Ntego: Umurimo w'Imana ukeneye abantu bashobora kubona ibintu vuba vuba kandi bagahita bagira icyo babikoraho batazuyaje mu gikwiriye kandi bafite imbaraga. Uramutse utegereje kureba uburemere bwa buri kibazo kandi ukabanza kugoragoza ibihagarika umutima byose uhura nabyo, uzakora ibintu bike cyane. Uzahura n'imbogamizi n'ingorane ku ntambwe yose uzatera, kandi kubw'umugambi uhamye ufite, ugomba gufata icyemezo cyo kubitsinda, kandi nutabitsinda bizagutsinda.¹⁰²¹

Gahunda n'Umuvuduko mu Murimo Wose: Icyumba cyawe gishobora kubamo ibintu bito byinshi by'umurimo byashyirirwemo kugira ngo bijye bikunezeza; ariko iyaba wahangaga amaso ikuzo ry'Imana, waherako wihutira kvanaho utwo tugirwamana. Igihe bigutwara ubisukura,

1018 *Ministry of Healing*, p. 497, 498. (1903).

1019 *Counsels on Sabbath School Work*, p. 31. (1892).

1020 *Ministry of Healing*, p. 497, 498. (1905)

1021 *Testimonies*, vol. 3, p. 497. (1875). [Ibiamya]

ubihungura umukungugu, kandi ubisimbuza ibindi, hatakarira igihe kinini kandi cy'agaciro kenshi cyagombye gukoreshwa mu murimo w'ingenzi. Ariko niba ubona iyo mitako idakwiriye gukurwa muri icyo cyumba, hari irindi somo ukeneye kwiga. Bivaneho bwangu. Wisa n'umuntu urota ngo ujye ufata kimwe kimwe, ugikomereze mu biganza byawe nk'aho udashaka kubirambika hasi. Abantu bagenza make mu gukuraho iyo mirimbo bafite inshingano yo kubikorana umwete. Uwiteka Imana yaravuze ati: "Ku by'umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima, mukorere Umwami wacu." Abaroma 12:11.

Igihe utegura amafunguro, bara neza, wihe igihe cyose uzi neza ko ukeneye kugira ngo uteke ibyokurya neza kandi witonze, maze nibishya ubishyire ku meza mu gihe gikwiriye. Ariko ibyiza ni ugutegura ameza iminota itanu mbere y'igihe cyo kurya kuruta uko wakererwa iminota itanu utarayategura. Igihe woza amasahane kandi, icyo gihe na cyo gishobora gukoreshwa uko kigenwe, nyamara bigakorwa neza n'ubushishozi bwinshi. Akamenyero ko gukorana urutebwe no gukora buhoro buhoro, bituma umurimo wari muto cyane uhinduka munini bitari ngombwa. Ariko uramutse ubishatse, watsinda izo ngeso zo gukora goyigoyi cyangwa kuzarira ku murimo. Gukoresha imbaraga z'ubushake bizajya bituma amaboko akora mu buryo bunozwe.¹⁰²²

UBURYO BWO KWIGISHA BIBILIYA

Umurimo wo Kwigisha Gusoma Bibiliya mu Buryo Budakebakeba kandi Bworoshye: Dukwiriye guhaguruka, kandi tugafatanyaga na Kristo. ... Umvira inshingano yo kujyana ubutumwa bwiza; jya mu nzira nyabagendwa no mu mihora. Sura ingo nyinshi zishoboka zose. Yobora gahunda yo kwiga Bibiliya mu buryo bworoshye kandi budakebakeba, buzateza impinduka nziza mu ntekerezo z'abantu.¹⁰²³

Ubutumwa Bukangurira Abantu Kwiga Bibiliya: Ubutumwa bwo gushungura bugenewe ab'iki gihe bukwiriye kubwirizwa mu buryo bweruye kandi budakebakeba kugira ngo bukungure ababwumva, kandi bubatere kwifuza kwiga Ibyanditswe Byera.¹⁰²⁴

Igisha Abantu Kubumbura Bibiliya mu Mwuka wo Kwiga: Uwiga Bibiliya akwiriye kwigishwa kuyirambura afite umwuka wo gushaka kumenya. Ntitugomba kuyisoma dushaka ibihamya byo gushyigikira ibitekerezo byacu, ahubwo tuyisome dushaka kumenya icyo Imana ivugaga.¹⁰²⁵

Kwiga Bibiliya kose Kugomba Kugira Gahunda Yihariye: Buri mwigisha yari akwiriye kureba ko umurimo akora ugashyira ku musaruro runaka uzwi neza. Mbere yuko agerageza kwigisha icyigwa runaka, yari akwiriye kuba afite umugambi usobanutse kandi wumvikana mu ntekerezo

¹⁰²² *The Youth's Instructor*, June 28, 1897.

¹⁰²³ *Manuscript* 53, 1910.

¹⁰²⁴ *Testimonies*, vol. 9, p. 109. (1909). [Ibihamya]

¹⁰²⁵ *Uburezi*, p. 197.

ze, kandi akwiriye kumenya icyo yifuza kugeraho. Ntiyari akwiriye kwicara ngo anyurwe n'uko yigishije isomo runaka igihe cyose umunyeshuri atari yasobanukirwa n'ihame riri muri iryo somo, ngo yumve neza ukuri kwaryo, kandi ngo abe ashobora gusobanura neza icyo yize.¹⁰²⁶

Kwiyoroshya mu Magambo Uvuga: Ntukwiriye gushaka gukoresha amagambo yereka abantu ko wize bikomeye. Uko uzarushaho gukoresha amagambo yoroheje, ni ko abantu bazarushaho gusobanukirwa ibyo ubabwira.¹⁰²⁷

Ubusobanuro Bworoshye ni Bwiza Kurenza Igitekerezo Kiremereye: Igitekerezo kiremereye ni cyiza mu mwanya wacyo, ariko hari byiza cyane bishobora kugerwaho biturutse ku busobanuro bworoshye bw'Ijambo ry'Imana. Inyigisho za Kristo yazumvikanishaga mu buryo bworoshye cyane ku buryo n'umuswa yashoboraga kuzisobanukirwa. Mu bibwirizwa bye, Yesu ntiyigeze akoreshamo amagambo maremare cyangwa akomeye gusobanukirwa. Yakoresheje imvugo yumvikana neza, kandi ikwiranye n'ubwenge bwa rubanda rwa giseseka. Ntabwo yimbikaga cyane mu ngingo yabaga yigisha igihe gusa yabonaga abantu bashoboye kumukurikira.¹⁰²⁸

Ibitekerezo Bikomeye Bike Birahagije: Gusobanura cyane ubwabyo si uburyo bwiza, ndetse no kuvuga ibintu byose byavugwa ku ngingo si byiza igihe ingingo nke ari zo zasobanura ibiri kuvugwa byose, kandi zikaba zihagije ngo zigeze ku ntego yo kumvisha cyangwa gucecekesha abarwanya ibyo uvuga.¹⁰²⁹

Igisha Abantu Ukuri Ukoresheje Imvugo Itajimije: Muri iki gihe, aho imigani mihimbano ishimishije igenda iba gikwira kandi igakurura intekerezo z'abantu cyane, ukuri kwigishijwe mu mvugo yoroheje iherekejwe n'ibihamya bike bikomeye, ni kwiza kurenza gushakashaka no kuzana igihamya kiremereye kandi gikangaranya kuko iyo uzanye bene iki gihamya ingingo wigishagaho ntiyumvikana neza mu ntekerezo z'abantu benshi kurusha uko bayumvaga batarabwirwa ibyo bihamya n'izo ngingo. Ku bantu benshi ingingo ngufi zifite ibyo zemeza zizagera kure kuruta kujya impaka ndende. Icyo gihe ibintu babifata nk'ukuri. Ku bantu bafite intekerezo ziteye zityo, kubaha igihamya gikomeye ntibibafasha.

Umurongo ku Murongo: Nimureke ukuri kwigishwe nk'uko kuri muri Yesu. Higishwe umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, aha bikeya na hariya bikeya.¹⁰³⁰

Ububasha bw'Impuhwe za Gikristo: Amagambo y'ubugwaneza avuzwe mu buryo bworoheje, no kugaragariza umuntu ko umwitayeho bizeyura ibicu by'ibigeragezo no gushidikanya bigota ubugingo bw'umuntu. Imvugo nyakuri y'umutima ugaragaza impuhwe za gikristo, ikoreshejwe

1026 *Uburezi*, p. 245.

1027 *Testimonies*, vol. 6, p. 383. (1900). [Ibihamya]

1028 *Gospel Workers*, p. 169. (1915).

1029 *Gospel Workers*, p. 376. (1915).

1030 *Testimonies*, Vol. 9, p. 240. (1909).

mu mwuka wo kwiyoroshya, ifite imbaraga zo gukingura urugi rw'umutima ruba rukeneye gukorwaho n'umwuka wa Kristo mu buryo bworoheje kandi bwimbitse.¹⁰³¹

Shaka Inzira Unyuramo ngo Ugere ku Mitima Yabo: Ahantu hose ushobora kubona akito katuma ushyikira abantu ndetse n'igihe mwota umuriro, koresha ayo mahirwe. Fata Bibiliya yawe maze ukuri kwayo gukomeye ukuramburire imbere y'abantu. Kugera ku ntego kwawe ntikuzashingira cyane ku bumenyi ufite n'ibyo wagezeho nk'uko kwashingira ku bushobozi bwawe bwo gushaka inzira wanyuramo ukagera ku mitima y'abantu. Kubwo kuba umuntu usabana n'abandi no kubegera, ushobora guhindura ibitekerezo byabo cyane kuruta uko wakoresha ikibwirizwa gifite imbaraga ihambaye.¹⁰³²

Kwigisha no Gushyira Amahame mu Bikorwa: [. . .] Ntabwo ibyo bintu byagombaga kwigishwa nk'abigisha amabwiriza n'amategako mu magambo gusa. Abagombaga kwigisha ukuri nabo basabwaga kuba intangarugero bashyira amahame yako mu bikorwa. Bashoboraga kugira impinduka bateza ku bandi binyuze gusa mu kubagaragariza imico y'Imana mu butungane, kwiha agaciro no kutikanyiza birangwa mu mibereho yabo bwite.¹⁰³³

Imbaraga Ihindura y'Umusaraba mu Kuzana Abantu kuri Kristo: Umusaraba w'i Kaluvari ukwiriye kwererezwa cyane ugashyirwa hejuru y'abantu, ukaganza mu bwenge bwabo, kandi akaba ari wo ibitekerezo byabo byerekezwa. . . . Abakozi b'Imana bazohereza imyambi y'umucyo mu batuye isi, kuko ari abakozi bazima bashyiriweho kumurikira isi.¹⁰³⁴

Subiza Ibibazo: Umurimo w'ingenzi ushobora gukora ni ukwigisha, ni ukurera. Igihe cyose ushoboye kubona akanya ko kubikora, icarana n'abagize umuryango runaka maze ubareke bakubaze ibibazo. Nuko ubasubize witonze kandi wiyoroheje. Komeza ukore uwo murimo ari na ko ukomeza imirimo y'ivuna muri rusange. Tanga igihe gito cyo kubwiriza ariko igihe kinini ukigenere gahunda yo kwigisha, uyobora gahunda yo kwiga Bibiliya no gufatanya n'imiryango n'amatsinda mato gusenga.¹⁰³⁵

Umurimo wo Kwigisha Bibiliya Witondewe, Utunganye kandi w'Umuntu ku Giti Cye: Abakozi benshi ntibagera ku ntego mu murimo bakora bitewe n'uko bategera abakeneye ubufasha bwabo kurusha abandi. Abo bakozi bafashe Bibiliya mu ntoki, bakwiriye gushaka uko bakora mu kinyabupfura bakamenya ibitekerezo bivuguruza ukuri bavuga biri mu ntekerezo z'abatangira kubaza bati: "Ukuri ni iki?" Bakoreshe ubushishozi n'umutima w'ineza, bakwiriye kubayobora no kubigisha nk'abanyeshuri bari mu ishuri. Benshi baba bakeneye kurandura mu bwenge bwabo

¹⁰³¹ *Testimonies*, vol. 9, p. 30. (1909). [Ibihamya]

¹⁰³² *Gospel Workers*, p. 193, (1913).

¹⁰³³ *Uburezi*, p. 40.

¹⁰³⁴ *Mount of Blessings*, p. 70. (1896).

¹⁰³⁵ *Gospel of Workers*, p. 193. (1915).

inyigisho baba bamaze igihe bizera ko ari ukuri. Igihe bamaze gutsindwa bakemera ko bamaze igihe mu buyobe ku byerekeye inyigisho Bibiliya yigisha, noneho binjira mu gika cyo guhagarika umutima no gushidikanya. Bene abo bantu baba bakeneye kugaragarizwa umutima w'ubugwaneza n'impuhwe ndetse bagakenera n'ubufasha bwitondewe. Baba bakwiriye kwigishwa mu buryo bwitondewe, bagasengerwa kandi mugafatanywa nabo gusenga, bagakurikiranwa kandi bakitabwaho mu mwuka w'urukundo.¹⁰³⁶

Mu Bantu Bafite Imyumvire Ibogamye: Kristo yireherezagaho imitima y'abamuteze amatwi akoresheje urukundo yabagaragarizaga, maze buhoro buhoro, ubwo yabonaga bashobora kukwakira, akabona kubahishurira ukuri gukomeye k'ubwami bw'Imana. Natwe tugomba kwiga guhuza imirimo yacu n'imibereho abantu barimo; ni ukuvuga ko tubasanga aho bari. Nubwo ibyo amategeko y'Imana asaba bigomba kubwirwa abatuye isi, ntidukwiriye na gato kwibagirwa ko urukundo rwa Kristo ari rwo mbaraga yonyine ishobora koroshya umutima no kuwuyobora ku kumvira Imana.

Ukuri kose gukomeye kuboneka mu Byanditswe Byera gushingiye muri Kristo, kandi iyo kumvikanye neza, kose kuyobora abantu kuri We. Nimutyo Kristo agaragazwe ko ari we Alufa na Omega, akaba n'itangiriro n'iherezo ry'umugambi ukomeye wo gucungura umuntu. Igisha abantu bene izo nsanganyamatsiko, kuko zizakomeza ibyiringiro bafite mu Mana no mu Ijambo ryayo kandi zibayobore kwishakashakira ubwabo ibyo ryigisha. Uko bazajya biga Bibiliya batera intambwe bajya mbere, ni ko bazarushaho kwitegura kunyurwa n'ubwiza n'ubwuzuzanye buri mu kuri kw'agaciro kenshi yigisha.¹⁰³⁷

Igisha Abantu Ukuri Gushungura Igihe Bamaze Guhinduka: Ntukwiriye kumva ko igihe uhuye n'abantu umurimo wawe ari ugutangira kuzana ingingo zivuga ku Isabato. Nibaramuka ubwabo bakomoje kuri iyo ngingo, ujye ubabwira ko iyo ngingo atari yo mutwaro wikoreye muri ako kanya. Ariko iyo beguriye imitima yabo, intekerezo zabo n'ubushake bwabo ku Mana, ubwo ni bwo baba biteguye rwose kugenzura ibihamya byerekeye uko kuri gukomeye kandi gushungura imitima.¹⁰³⁸

Vuga Ubutumwa Cyane aho Kuja Impaka: Gukoresha amagambo atondetse neza, no kuvuga ingingo zuzuye amagambo ashimangira icyo ushaka kwemeza abantu nta kintu cyiza bibyara. Urukundo rw'Imana rworoshya imitima ruri mu bugingo bw'abakozi bayo ruzabonwa n'abo bagezaho ubutumwa. Abantu bafitiye inyota amazi y'ubugingo. Ntukwiriye kuba ikigega cy'amazi kirimo ubusa. Nubagaragariza urukundo rwa Kristo, ushobora kuyobora abafite inzara n'inyota kuri Yesu, maze nawe akabaha umutsima w'ubugingo n'amazi y'agakiza.¹⁰³⁹

1036 *Gospel Workers*, p. 190, 191. (1915).

1037 *Review and Herald*, June 13, 1912.

1038 *Letter 77*, 1895.

1039 *Letter 77*, 1895.

Igihe Muganira Babwire Ubuhamya Bwawe Bwite bw'Ibyakubayeho: Kangura imbaraga zose mu by'umwuka kugira ngo zikore. Bwira abantu bose wagiye gusura ko iherezaho rya byose riri bugufi. Umwami Yesu Kristo azafungura urugi rw'imitima yabo, kandi azatera intekerezo zabo kumva zikozweho mu buryo zizahora zibizirikana. Haranira gukangura abagabo n'abagore ngo bakire ikinya cyabafashe mu by'umwuka. Babwire uko wabonye Yesu ndetse n'uko wahawe imigisha guhera igihe winjiriye mu murimo we. Babwire imigisha Imana igucunshumuraho iyo wicaye ku birenge bya Yesu, n'igihe wiga inyigisho z'ingenzi zikomoka mu Ijambo rye. Babwire iby'umunezero n'ibyishimo biboneka mu mibereho ya gikristo. Amagamo yawe yuzuye ubwuzu kandi atera umwete azabemeza ko wamaze kubona imaragarita y'igiciro cyinshi. Reka amagambo yawe arangwa n'ubugwaneza n'ubutwari yerekane ko wabonye inzira yo mu rwego rwo hejuru. Uyu ni wo murimo w'ibwirizabutumwa nyakuri, kandi uyu murimo nukorwa, abantu benshi bazakanguka bamere nk'abavuye mu nzozi.¹⁰⁴⁰

Gusenga k'Umuntu Ukora Umurimo wo Kuzana Abantu ku Mukiza niryo Banga ryo Gutsinda: Mu bihe byashize habagaho ababwirizabutumwa bahambiraga intekerezo zabo ku bugingo bw'umuntu umwe umwe, bavuga bati: "Mwami wanjye mfasha ngo mbashe gukiza uyu muntu." Ariko muri iki gihe, bene nk'ibyo byabaye ingume. None se ni bangahe bakora nk'abasobanukiwe neza akaga ko kurimbuka abanyabyaha barimo? Ni bangahe bafata abo bazi neza ko bari mu kaga maze bakabashyira imbere y'Imana mu isengesho, bakayitakambira ngo ibakize?¹⁰⁴¹

INYIGISHO DUKURA KU MWIGISHA MUKURU

Igisha Abantu Ijambo ry'Imana Ukurikije Uburyo Kristo Yaryigishaga: Niba wigisha Ijambo ry'Imana ukurikije uburyo Kristo yakoresheye, abaguteze amatwi bazakorwa ku mutima byimbitse n'ukuri wigisha. Bazatsindwa mu mitima y'uko iryo ari Ijambo ry'Imana nzima.¹⁰⁴²

Urukundo Rwihangana kandi Rwitaye ku Ntama Yazimiye: Kristo yigishaga abantu afite urukundo rwihangana. Ubwenge bwe bwimbitse kandi bugenzura byose bwabaga buzi ibyo umuntu wese mu babaga bamuteze amatwi akeneye; kandi ubwo yababonaga banga ubutumwa bwe bw'amahoro n'urukundo yari abazaniye, umutima we wagiraga agahinda kenshi.¹⁰⁴³

Ubugwaneza no Kwicisha Bugufi: Mu myigishirize ye ntihigeze harangwamo agatotsi k'ivangura, cyangwa gusharirira abantu. Umucunguzi w'isi yari afite kamere isumba iy'abamarayika, nyamara ubugwaneza no kwicisha bugufi byamureherezagaho abantu bose byari bihuriye hamwe n'igitinyiro cye nk'Imana.¹⁰⁴⁴

¹⁰⁴⁰ *Testimonies*, vol. 9, p. 38. (1909).

¹⁰⁴¹ *Gospel Workers*, p. 65.

¹⁰⁴² *Testimonies*, vol. 9, p. 143. (1909).

¹⁰⁴³ *Gospel Workers*, p. 49. (1915).

¹⁰⁴⁴ *Mount of Blessing*, p. 29, 30. (1896).

Ibyiringiro Bitera Umuntu Ubushake no Kwizera: Yarebaga umuntu wese akamubonamo ubushobozi butarondoreka ashobora kuzagira. Yitegerezaga abantu, akababona nk'uko bari kuzamera bamaze guhindurwa n'ubuntu bwe bagasa n'"ubwiza bw'Imana yacu." (Zaburi 90:17). Iyo yabitegerezanyaga ibyiringiro, yabateraga ibyiringiro. Ubwo yahuraga na bo afite icyizere, yabongeragamo kwizera. Kubera kugaragariza muri we urugero nyakuri umuntu akwiriye kugeraho, yakanguraga icyifuzo no kwizera kugera kuri urwo rwego. Ubwo babaga bari imbere ye, abantu b'insuzugurwa n'abasaye mu byaha, bumvaga noneho ko bakiri abantu, bityo bakifuza kugaragaza ko koko bakwiriye agaciro yabahaye. Imitima myinshi yasaga n'iyamaze kugwa ikinya ku byerekeye ibintu byose byera, yarayikanguraga igakora bundi bushya. Abantu benshi babaga bihebye yabakinguriraga amahirwe yo kubona ubuzima bushya.¹⁰⁴⁵

Ishyaka n'Imbaraga Itsinda Imitima: Igihe abagabo n'abagore bumvaga ukuri kwasohokaga mu kanwa ke, kwari gutandukanye n'imihango n'imigenzo yigishwaga n'abanditsi, ibyiringiro byasabaga imitima yabo. Mu myigishirize ye harimo ishyaka ryatumaga amagambo ye asohokana imbaraga itsinda imitima.¹⁰⁴⁶

Gusakaza Ubuzima n'Umunezero Hose: Igihe yanyuraga mu mijyi no mu midugudu, yabaga ari nk'akayaga gasakaza hose ubuzima n'ibyishimo.¹⁰⁴⁷ Dukwiriye kunezerwa. Imana ntishaka abantu bafite bagaragara ko bashaririwe kuri iyi si; kandi Uwiteka ntiyifuza ko hagira umuntu n'umwe uba mu kangaratete n'agahinda. Arashaka ko mwubura amaso mukamureba, maze kurabagira k'umucyo wa Zuba ryo Gukiranuka kugakwira mu maso hanyu.¹⁰⁴⁸

Kristo Yigishanyaga Ububasha: Nyamara nubwo imvugo Ye yabaga yoroheye abantu kuyumva, yavuganaga ububasha. Icyo nicyo cyashyiraga itandukaniro hagati y'inyigisho ye n'iz'abandi bigisha bose. Abigisha b'amategeko bavugaga bakekeranya kandi bashidikanya nk'aho uyu muni Ibyanditswe Byera bisobanura ikintu kimwe runaka ejo bigasobanura ikindi kibusanye n'icya mbere. Buri muni ababategeraga amatwi bahoraga bazingitiranjwe mu rujijo. Nyamara Yesu we yigishaga ko Ibyanditswe Byera bifite ububasha budashidikanywaho. Ingingo iyo ari yo yose yigishaga, yayigishanyaga ubushobozi ubona ko ntawe ubasha kuvuguruza amagambo Ye.¹⁰⁴⁹

Icyifuzo cyo Gukiza Abanyabyaha: Imbaraga ikomeye yarangaga icyifuzo cyo gukiza abanyabyaha yabonekaga mu mibereho y'Umukiza ni nayo iranga imibereho y'abayobo be nyakuri.¹⁰⁵⁰

1045 *Uburezi* p. 82.

1046 *Gospel Workers*, p 188. (1915).

1047 *Ministry of Healing*, p. 20. (1905).

1048 *Manuscript* 42. 1894.

1049 *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 163.

1050 *Testimonies* vol. 7, p. 10. (1902).

Imbaraga Isunikira Umuntu Gukora: Ubwuzu no kumvira kw'abo bantu bemeye kwinjira mu murimo batazuyaje ndetse nta n'ibihembo basezeraniwe biragaragara rwose. Ariko amagambo ya Kristo yari irarika ririmo imbaraga isunikira umuntu gukora.¹⁰⁵¹

UMUSARURO UVA MU MURIMO WO KWIGISHA BIBILIYA

Abamarayika Baba Bugufi bw'Umukozi: Igihe umukozi w'Imana ahirimbana kugeza ku bandi umucyo Imana yamuhaye, Imana irushaho kumwongerera umucyo. Kandi iyo akora uko ashoboye kose ahanze amaso ikuzo ry'Imana, asobanukirwa n'agaciro k'ubugingo bw'umuntu. Uko azajya agenda asura abantu urugo ku rundi, akabumburira Ibyanditswe Byera abantu bafite imyumvire yarindagijwe n'umwijima, abamarayika b'Imana bazaba bamuri iruhande kugira ngo batere ubwuzu umutima w'umuntu wahagizwa n'inyota ashaka amazi y'ubugingo.¹⁰⁵²

Imana Ikorana n'Abigisha ba Bibiliya: Nimureke tugaragarize abantu impamvu zikomeye ukwizera kwacu gushingiyeho tuzivanye mu Ijambo ry'Imana, kandi tureke ukuri mu mbaraga zako zeza, kwicire inzira igana mu mitima no mu ntekerezo z'abantu bari gutsindwa mu mitima yabo. Uko abafasha mu murimo w'Imana bigishiriza abantu Bibiliya mu miryango yabo, nta gushidikanya Uwituka agira icyo akora ku ntekerezo zabo nk'uko abigenza mu bantu bari mu materanire rusange.¹⁰⁵³

Ibitangaza Byakorwa Biciye mu Ijambo ry'Imana: Kugira ngo Ijambo ry'Imana rishyikire imitima y'abaswa n'abagome, iteka hazabaho urugamba rudacogora. Ariko se, buri muntu ku giti cy'e akora uko ashoboye, ashyizeho umwete kandi akiranutse nk'uko byari bikwiriye? Mbese aho ntitwifata, tukitarura cyane abanyabyaha rwimbi bapfiriye mu bicumuro n'ibyaha? Mbese aho twese ntitwari dukwiriye kwambara kumaramaza no kudakebakeba kwinshi nk'ukwa Kristo maze tugakora ibirenze ibyo dukora?

Mfite ubwoba bw'uko tudafite kwa kwizera kw'ingenzi kandi gukenewe. Mbese ntituzitandukanya rwose n'ibicanteye n'ibishuko kugira ngo bitaduca intege? Imana ni inyambabazi, kandi kubwo kugira ukuri gushimisha ubugingo, kukabweza kandi kukabuhesha agaciro, dushobora gukorera Imana umurimo utunganye kandi ukomeye. Isengesho no kwizera bizakora ibintu bitangaje. Ijambo ry'Imana rigomba kutubera intwari yacu ku rugamba. Binyuze mu Ijambo ry'Imana, ibitangaza bishobora gukorwa; kuko iryo Jambo ari ingirakamaro muri byose.¹⁰⁵⁴

Agaciro k'Ubugingo bw'Umuntu: Umuntu wiyeguriye Kristo ni uw'agaciro kenshi mu maso Ye kuruta isi yose.¹⁰⁵⁵

1051 *Gospel Workers*, p. 24. (1915).

1052 *Review and Herald*, Oct. 6, 1896. [Urwibutso n'Integuza]

1053 *Letter* 160, 1901.

1054 *Letter* 75, 1896.

1055 *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 327.

N'iyi biza kugaragara ko umuntu umwe gusa ari we wari kuzemera ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwa Kristo, Kristo yari kwemera kuza kuba mu miruho no gukozwa isoni ndetse no gupfa urupfu rubi ruteye isoni kugira ngo uwo muntu umwe akizwe.¹⁰⁵⁶

Nimureke uyu Murimo Ujye Mbere: Abantu benshi bazumva ubutumwa, ariko bazanga kubwumvira. Ariko nubwo bimeze bityo, umuburo ugomba gutangwa mu mvugo yumvikana neza kandi yeruye. Ntabwo ukuri kugomba kubwiririzwa mu materaniro rusange y'abantu gusa; ahubwo umurimo wo gusura urugo ku rundi nawo ugomba gukorwa. Nimureke uyu murimo ujye mbere mu izina ry'Umwami wacu. Abiyegurira muri wo bafite abamarayika bo mu ijuru babagenda iruhande. Bazatsinda ibitero umwanzi agaba ku bakorana n'Imana.¹⁰⁵⁷

Kwiringira Amasezerano y'Imana: Imbuto nziza ishobora kumara igihe kirekire iri mu mutima w'ubutita, wikanyiza kandi watwawe n'iby'isi ntigaragare ndetse ntigire ikimenyetso na kimwe itanga ko yashinze imizi. Ariko hanyuma, uko Umwuka w'Imana ahumekera ubugingo bw'umuntu, ya mbuto imaze igihe ihishwe iramera kandi amaherezo ikera imbuto kubw'icyubahiro cy'Imana. Mu mirimo dukora mu buzima bwacu, ntidushobora kumenya niba iyi mbuto cyangwa se iriya izera. Iki si ikibazo tugomba gushakira umuti. Tugomba gukora umurimo utureba, maze ibizakurikiraho tukabiharira Imana. "Mu gitondo ujye ubiba imbuto zawe, kandi nimugoroba ntukaruhure ukuboko kwawe." Umubwiriza 11:6.

Isezerano rikomeye ry'Imana riragira riti: "Isi ikiriho, ibiba n'isarura n'impeshyi.... ntibizashira" (Itangiriro 8:22). Kubwo kwizera iri sezerano, umuhinzi ahinga ubutaka kandi agatera imbuto. Natwe ntidufite ibyiringiro bike mu bijyanye no kubira mu by'umwuka, kuko twiringiye iri sezerano rye rigira riti: "Ni ko ijambo ryanjye riva mu kanwa kanjye rizamera. Ntirizagaruka ubusa, ahubwo rizasohozwa ibyo nshaka, rizashobora gukora ibyo naritumye." (Yesaya 55:11). "Nubwo umuntu agenda arira asohoye imbuto, azagaruka yishima, azanye imiba ye." Zaburi 126:6.¹⁰⁵⁸

IBIHEMBO BIKWIRIYE ABAGORE BAKORA UMURIMO W'IMANA

Bakwiriye Guhembwa nk'uko Abagabo Babo nabo Bahembwa: Igihe bishoboka, nimureke umugabura (umupasitoro) ajye ajyana n'umugore we. Akenshi umugore ashobora gukora afatanyije n'umugabo we, agakora umurimo w'ingenzi. Ashobora gusura abantu mu ngo maze agafasha abagore mu miryango yabo mu buryo umugabo we atashobora. ...

Toranya abagore bazagira uruhare bakora bashyizeho umwete. Uwiteka azakoresha abagore b'abanyabwenge mu murimo wo kwigisha. Bityo rero, ntihakagire uwiyumvisha yuko abo bagore basobanukiwe Ijambo ry'Imana, kandi bashoboye kwigisha badakwiriye guhabwa igihembo cyabo

¹⁰⁵⁶ *Ministry of Healing*, p. 135. (1905)

¹⁰⁵⁷ *Letter* 140. 1903.

¹⁰⁵⁸ *Christ's Object Lesson*, p. 65. (1900).

kubw'umurimo bakora. Bakwiriye guhembwa nk'uko abagabo babo nabo bahembwa. Hari umurimo ukomeye abagore bagomba gukora mu murimo wo kwamamaza ukuri kugenewe iki gihe. Bakoresheje uburyo bwabo kamerano abagabo batagira, kandi bagakoresha n'ubumenyi bafite ku kuri kwa Bibiliya, abagore bashobora kuvanaho ingorane bene Data b'abagabo batashobora guhangana nazo. Dukeneye abagore b'abakozi bagomba gufatanya na n'abagabo babo, kandi dukwiriye gutera umwete abagore babishaka kugira ngo bajye muri uyu murimo wo kwamamaza ubutumwa.¹⁰⁵⁹

Ubwitange Ntibukwiriye Kugirwa n'Abagore Bakiranuka Gusa: Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa mu isi yacu, kandi impano yose ikwiriye gukoreshwa hakurikijwe amahame atunganye. Niba Uwiteka ahaye umugore umurimo runaka amukorera, umurimo w'uwo mugore ugomba kubarwa hakurikijwe agaciro kawo. Buri mukozi wese akwiriye guhembwa hakurikijwe umurimo yakoze.

Bishobora gutekerezwa ko ari umugambi mwiza kuba abantu bakwemererwa gukoresha impano zabo n'umwete udacogora mu murimo w'Imana, ariko ntibagire icyo bahabwa kiva mu mutungo w'Itorero. Ariko bene iyo mikorere ni ivangura, kandi ibyo ni umwuka w'ubwikanyize bwo kwima bene abo bakozi ibyo bagombye guhabwa. Ntabwo Imana izigera yemera bene iyo migambi. Abantu bahimbye ubu buryo bw'imikorere bashobora kuba baratekerezaga ko bari gukora umurimo w'Imana banga gukora mu mutungo ngo bahembe abo bakozi bubaha Imana kandi bakunda [gukiza] ubugingo bwa bagenzi babo. Nyamara, igihe kizagera ubwo hari ibyo bazaba bagomba kubazwa, kandi abantu muri iki gihe batekereza ko iyi mikorere yihariye ari iy'ubwenge, bazakorwa n'isoni kubera ubwo bwikanyize bwabo. Imana ibona ibyo bintu mu mucyo utandukanye n'uwo abantu bagira iherezo babibonamo.

Abakora umurimo bashyizeho umwete kandi batikanyiza, baba abagabo cyangwa abagore, baba batunda imiba bashyira Shebuja; kandi abantu bahindutse kubera umurimo wabo bazazana icyacumi mu mutungo. Igihe bisabwe ko abantu biyanga bakigomwa bitewe n'amikoro yabaye make, ntukwiriye kureka abagore bake bakora cyane ngo abe ari bo bakora ibisabwa kwitanga byose. Nimureke abantu bose basaranganye ukwitanga. Imana iravuga iti: "Kuko jyewe Uwiteka nkunda imanza zitabera, nanga kwambura no gukiranirwa." Yesaya 61:8.¹⁰⁶⁰

Guhembwa Igihembo Kivuye mu Cyacumi: Icyacumi kigomba guhemba abakora umurimo bigisha Bibiliya n'amahame [twizera], baba abagore cyangwa se abagabo.¹⁰⁶¹

Gahunda Izabangamira Abagore Bakora: Rimwe na rimwe akarengane kagiye kagirirwa abagore bakora bitanze nk'uko abagabo babo bakora, kandi Imana ikaba iziko abo bagore ari ingenzi mu murimo w'ivugabutumwa.

¹⁰⁵⁹ Letter 142, 1990.

¹⁰⁶⁰ Manuscript 47, 1898.

¹⁰⁶¹ Manuscript 149, 1899.

Uburyo bwo guhemba abagabo bakora umurimo maze abagore babo basangiye imiruhu yabo ntibahembwe, ni gahunda idahuje n'amabwiriza y'Imana, kandi niba iyo gahunda ikorwa muri Konferanse zacu, iganisha ku guca intege bashiki bacu ntibiyemeze gukora umurimo bagombye kugiramo uruhare. Imana ni Imana idaca urwa kibera, kandi niba abapasitoro bahabwa umushahara kubw'umurimo bakora, abagore babo na bo bitangira gukora umurimo batizigamye bagombye guhabwa ibihembo byiyongera ku byo abagabo babo bahabwa nubwo batabisaba.

Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ntibakwiriye na gato gupfobya umurimo w'umugore. Niba umugore ashyira imirimo ye yo mu rugo mu biganza by'umufasha w'umwiringirwa kandi witonda, maze agasiga abana be bitaweho neza mugihe we agiye gukora umurimo, Konferanse yagombye gukoresha ubwenge kugira ngo isobanukirwe n'ubutabera buri mu kumuha ibihembo bye.¹⁰⁶²

Iki Kibazo Imana Yaragikemuye: Niba abagore bakora umurimo abakozi benshi bigisha Bibiliya n'amahame batishimira gukora, kandi niba imirimo abagore bakora ihamya ko bakora neza umurimo wari warirengagijwe ku buryo bugaragara, mbese uwo murimo ntukwiriye gufatwa nk'umurimo uzatanga umurasaruro mwinshi nk'umurimo wakozwe n'abapasitoro bejewe? Mbese uwo murimo ntiwari ukwiriye guhabwa umukozi uwuhemberwa? ...

Iki kibazo ntikigomba gukemurwa n'abantu. Imana yamaze kugikemura. Abagore bakora mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza kandi umurimo wabo ukaba ari abantu b'ingenzi mu kugeza ukuri mu miryango, mugomba kubaha igihembo byabo. Umurimo bakora ni umurimo ukeneye gukorwa, kandi bakwiriye guterwa umwete. Umugore ashobora kugira ibyo amenyesha abagore bagenzi be mu buryo bwinshi umugabo atashobora. Umurimo w'Imana wagira igihombo gikomeye haramutse hatabayeho uyu murimo ukorwa n'abagore. Ibihe byinshi Imana yanyeretse ko abigisha b'abagore bakenewe cyane kugira ngo bakore umurimo bahawe nk'uko abagabo nabo bakenewe.¹⁰⁶³

IMIBURO YAHawe UMWIGISHA WA BIBILIYA

Umurimo wo Gusura k'Umuntu ku Giti cye Uravunanye Cyane: Umurimo ugomba gukorwa ukenewemo abagabo kimwe n'abagore. Abagore bitangira umurimo w'Uwiteka, bagakora bagamiye agakiza k'abandi babinyujije mu murimo wo gusura urugo ku rundi kandi ari umurimo uvunanye ndetse ukaba uvunanye cyane kurusha guhagarara imbere y'iteraniro, bakwiriye guhemberwa umurimo bakora.¹⁰⁶⁴

Irinde Gukora Ukarenza Urugero: Hari akaga gaterwa n'uko abagore bakora umurimo bazasabwa gukora cyane ntibabone igihe cyo kuruhuka.

1062 *Gospel Workers*, p. 452, 453. (1915).

1063 *Manuscript* 142, 1902.

1064 *Manuscript* 149, 1899.

Bene uko kuvunishwa cyane ntigukwiriye kuba ku bakozi. Bamwe mu bakozi bazajya birinda kwivunisha, mu gihe abandi bazirikana inshingano zabo bazakora cyane bibavunisha. Ibihe byo kuruhuka ni ngombwa ku bakozi bose, cyane cyane abagore.¹⁰⁶⁵

Turi Ibiremwa Bipfa: Muvandimwe-----ndiringira ko uzitondera ubuzima bwa mushiki wacu ----- . Ntukamwemerere gukora cyane imirimo imunaniza cyane. Ndibwira ko wumva icyo nshaka kuvuga. Akeneye gusobanukirwa ko turi abantu bapfa, kandi ko niba tutitwararitse ku buzima bwacu dushobora kububura.¹⁰⁶⁶

Igihe Bibaye Ngombwa Gukora Wigenga: Hari ibihe bibaho ubwo usanga bikwiriye ko umugore yihutira kugira icyo akora kandi yigenga, agatera intambwe afata icyemezo mu buryo azi neza ko ari yo nzira y'Uwiteka. Umugore akwiriye guhagarara iruhande rw'umugabo we nk'umuntu bareshya, bagasangira inshingano zose z'ubuzima, akajya amwubaha uko bikwiriye kuko yamutoranyije ngo amubere mugenzi we bazabana mu buzima bwabo bwose.¹⁰⁶⁷

Mwirinde Gusingiza Abagabo: Birambabaza cyane iyo mbonye abagore basingiza, bagashyeshya kandi bagatetesha cyane abagabo. Imana yagaragaje ko abantu bamwe bitabwaho muri bene ubwo buryo baba rwose badakwiriye kwatuzza izina ryayo akanwa kabo. Nyamara mu mirebere y'abantu bapfa, bareba ibigaragara inyuma gusa, usanga bahabwa ikuzo bagashyirwa hejuru. Bashiki banjye, ntimukigere mutetesha cyane cyangwa ngo mushyeshye abantu b'abanyanteye nke, bakora icyaha kandi bibeshya, baba ari abato cyangwa abakuze, baba abubatse cyangwa abatubatse. Ntabwo muzi intege nke zabo kandi ntimuzi yuko uko mubitaho ndetse n'uko mubogeza bishobora kubabera intandaro yo kurimbuka. Ntangazwa cyane no kureba hafi, no kubura ubwenge biranga abantu benshi ku byerekeye uko bimenyereza kubana na bagenzi babo. . . .

Abagabo bashyingiwe bemera ko abagore babo babitaho mu buryo budasanzwe, bakabasingiza kandi bakabatetesha cyane, bakwiriye gusobanukirwa yuko bene urwo rukundo n'impuhwe bidakwiriye; kuko nta gaciro bifite. . . .

Reka nongere mbakangurire kuzirikana ko kuba imbonera mu ntekerezo, mu magambo yose muvuga, ndetse no mu gikorwa cyose ari ngombwa. Buri wese muri twe afite ibyo agomba kubazwa n'Imana, kandi akagira n'umurimo we yihariye utagira undi wawumukorera. Uwo murimo ni uwo gutuma irushaho kuba nziza binyuze mu mahame umuntu agenderaho, mu mwete agira ubwe ndetse n'urugero atanga. Nubwo dukwiriye gukuzza imibanire myiza hagati yacu, mureke bye kuba kwishimisha, ahubwo bibeho hari icyo bigamije. Hari ubugingo bw'abantu bagomba gukizwa.¹⁰⁶⁸

IGICE CYA 15

KUBWIRIZA UBUTUMWA MU NDIRIMBO

UMURIMO W'INDIRIMBO

Indirimbo ni Igikoresho cyo Gukiza Ubugingo: Injyana y'indirimbo iturutse mu mitima myinshi mu magambo yumvikana neza kandi atarimo urujijo, ni kimwe mu bikoresho by'Imana mu murimo wo gukiza imitima.¹⁰⁶⁹

Nk'uko igihe Abisirayeli bazereraga mu butayu buzuzaga ibyishimo mu nzira yabo bakoresheje injyana y'indirimbo zera, ni ko muri iki gihe Imana irarikira abana bayo kuzuza ibyishimo mu buzima bwabo, bw'abagenzi n'abimukira. Uburyo bwiza cyane bukoreshwa mu gufata mu mutwe amagambo y'Imana ni buke cyane ugereranyije no kuyasubiramo mu ndirimbo. Kandi bene iyo ndirimbo iba ifite imbaraga ikomeye yo gucecekesha kamere irangwa n'ikinyabupfura gike n'ubujiji. Bene iyo mbaraga ikangura intekerezo n'umwuka w'impuhwe, igateza imbere gukorera kuri gahunda, kandi igahagarika ukwiheba n'igishyika kuko ari byo bigwabiza ubutwari bw'abantu kandi bikabaca intege.

Indirimbo ni bumwe mu buryo bwiza cyane bukoreshwa mu gucengeza ukuri kw'iby'umwuka mu mutima. Mbega ukuntu akenshi kwibuka indirimbo yo mu bwana umuntu aba amaze igihe yaribagiwe bihumuriza umutima usobetse amaganya ndetse wihebye, bityo ibigerageze bigahinduka ubusa! Ubuzima burahembuka, bukagira imigambi mishya kandi ubutwari n'umunezero bikagera ku bandi.¹⁰⁷⁰

Ikibwirizwa Gihoraho: Aya magambo [y'Indirimbo ya Mose] yajyaga asubirirwamo Abisiriyeli bese, kandi yaje guhinduka indirimbo yaririmbwaga kenshi, bakayihanika mu njyana y'agahebuzo. Ubu buryo bwabaye ubuhanga Mose yakoresheje kugira ngo yigishye Abisirayeli ukuri akunyujije mu ndirimbo, kugira ngo binyujijwe mu njyana z'amajwi babashe kumenya ukuri [kw'ibitangaza Imana yabakoreye], kandi bicengere mu ntekerezo

¹⁰⁶⁹ *Testimonies*, vol. 5, p. 493. (1889).

¹⁰⁷⁰ *Uburezi* p. 174.

z'abagize ishyanga ryose baba abato n'abakuze. Byari ingenzi ko abana biga indirimbo, kuko zari kugira icyo zibabwira, zikababurira, zikabakebura, zikabacyaha, kandi zikabatera umwete. Zabaga ari ikibwirizwa gihoraho.¹⁰⁷¹

Imbaraga Ihindura Igera Kure: Kuririmba byagizwe umugabane uhoraho muri gahunda yo kuramya Imana, kandi Dawidi ahimba zaburi, ntizari izo kuririmbwa n'abatambyi gusa mu murimo wo mu buturo bwera, ahubwo zagombaga no kuririmbwa na rubanda igihe babaga bari mu nzira berekeje ku gicaniro cy'ishyanga ryose mu minsi mikuru uko umwaka utashye. Impinduka byateje yari ikomeye cyane, maze bituma iryo shyanga rikizwa gusenga ibigirwamana. Benshi mu mahanga yari akikije Abisiraheli bitegereje kugubwa neza kwabo, maze bituma bashima Imana ya Isiraheli yakoreye ubwoko bwayo ibikomeye nk'ibyo.¹⁰⁷²

Kurehereza Abantu ku Kuri: Mu majoro make yashize, nahagaritse umutima cyane ubwo natekerezaga ku cyo dukwiriye gukora kugira ngo ukuri gushyirwe imbere y'abantu muri iyi mijyi minini. Tuzi neza yuko nibaramuka bumvise ubutumwa gusa, bamwe muri bo bazakira ukuri hanyuma nabo bazakugeze ku bandi.

Abapasitoro baburira amatorero bayobora maze bakavuga inyigisho ziri kwigishwa ziteza akaga, kandi ko nibajya kuzumva bazashukwa kandi bakayobya n'izo nyigisho z'inzaduka. Iyaba twabashaga gutuma abantu baza kumva, urwikekwe rwakurwaho. Dusengera iki kintu kandi twiringira ko Uwiteka azaduha ahanu ho kuvugira ubutumwa bw'imbuzi n'impanuro bugomba kugezwa ku bantu muri iyi minsi ya nyuma.

Ijoro rimwe nasaga n'uri mu cyumba cy'inama aho abantu baganiraga kuri ibyo bintu. Nuko mbona umugabo w'intwari kandi w'umunyacyubahiro avugaga ati: "Uriho urasenga Uwiteka kugira ngo ahagurutse abagore n'abagabo bafite impano kugira ngo biyeguriye gukora uyu murimo. Muri mwe harimo impano ikeneye kuzirikanwa." Ibitekerezo byinshi byuzuye ubwenge byaratanze ndetse havugwa n'amagambo y'ingenzi ari nako nyandika. Wa mugabo w'umunyacyubahiro yaravuze ati: "Ngukanguriye kwita ku mpano yo kuririmba kuko ikwiriye gutezwa imbere, kuko ijwi ry'umuntu mu kuririmba ari imwe mu mpano Imana yahaye umuntu kugira ngo ayikoreshe kubw'icyubahiro cyayo. Umwanzi wo gukiranuka yita cyane kuri iyi mpano mu murimo we. Bityo icyari impano Imana yatanze kugira ngo ibere umugisha abantu, umwanzi arayigoreka, igakoreshwa nabi maze igasohozwa umugambi wa Satani. Iyi mpano y'ijwi ni umugisha iyo yeguriwe Uwiteka kugira ngo ikoreshwe mu murimo we. Mushiki wacu afite impano, ariko abantu ntibayihya agaciro. Umwanya we ukwiriye guhabwa agaciro bityo impano ye izareshya abantu bitume bumva ubutumwa bw'ukuri."¹⁰⁷³

1071 *Manuscript 71, 1897*

1072 *Abakurambere n'Abahanuzi, p. 603, 604.*

1073 *Letter 62, 1893*

Umurunga Uhuza Abantu n'Imana: Hakwiriye kubaho umurunga uhoraho uhuza umuntu n'Imana mu isengesho, hakabaho umurunga uhoraho uhuza abantu n'Imana mu ndirimbo zo gusingiza no gushima Imana.¹⁰⁷⁴

Guhangana n'Umwanzi: Igihe Kristo yari umwana kimwe n'aba bana tubona, yarageragezwaga ngo akore icyaha, ariko ntiyigeze atsindwa n'igishuko. Uko yagendaga akura, ni ko yageragezwaga, ariko indirimbo nyina yari yaramwigishije kuririmba zazaga mu ntekerezo ze, noneho agahanika ijwi rye agahimbaza Imana. Kandi ababaga bari kumwe nawe bumvaga bafatanyije nawe kuririmba batabizi. Imana ishaka ko dukoresha ubushobozi bwose Ijuru ryaduhaye kugira ngo tubukoreshe duhangana n'umwanzi.¹⁰⁷⁵

Kuzana Umunezero w'Ijuru: Akenshi urukerera rwasangaga Yesu ari ahantu hitaruye, ariho atekereza cyane kandi arondora mu Byanditswe cyangwa se ari gusenga. Yasanganizaga umuseke ijwi ryo kuririmba kwe. Amasaha ye yo gukora yayuzuzagamo umwete akoresheje indirimbo zo gushima, kandi yazaniraga ibyishimo by'ijuru ababaga bananijwe n'imirimo kandi bacitse intege.¹⁰⁷⁶

Indirimbo zo Gusingiza Imana: Kenshi yagaragazaga ibyishimo by'umutima we aririmba zaburi n'indirimbo z'ijuru. Kenshi abatuye i Nazareti bumvaga ijwi rye rirangururira guhimbaza no gushima Imana. Yasabanaga n'ijuru mu ndirimbo; kandi ubwo abo bari kumwe bivovoteraga kugwa agacuho kubw'imirimo, basubizwagamo intege n'amajwi meza ava mu kanwa ke. Guhimbaza kwe kwasaga n'aho kwirukana abadayimoni, kandi nk'umubavu, kukuzuza ahantu impumuro nziza. Ibitekerezo by'abamwumvaga byakurwaga mu buretwa bw'iby'iyi si, bikazamurirwa mu rugo rwo mu ijuru.¹⁰⁷⁷

Intwaro Irwanya Gucika Intege: Iyaba habagaho gusingiza Imana kurushijeho kuba kwinshi, kandi gusubiramo kenshi ibicantege bibabaje kukagabanwa cyane, hari izindi ntsinzi nyinshi zagerwaho.¹⁰⁷⁸

Nimutyo guhimbaza no gushimira Imana [kwacu] binyuzwe mu ndirimbo. Igihe dusakiranye n'ibigeragezo, aho kugira ngo tuvuge uko twiyumva, nimutyo kubwo kwizera duhanike indirimbo yo gushima Imana.

Indirimbo ni intwaro dushobora gukoresha buri gihe turwanya gucika intege. Uko tuzajya dukingurira imitima yacu umucyo uva ku bwiza bw'Umukiza, tuzagira amagara mazima n'umugisha we.¹⁰⁷⁹

Kubungabunga Imibereho ya Gikristo: Nimugoroba na mu gitondo, jya ufatanyiriza hamwe n'abana bawe kuramya Imana, musome Ijambo

¹⁰⁷⁴ Letter 96, 1898.

¹⁰⁷⁵ Manuscript 65, 1901.

¹⁰⁷⁶ Ministry of Healing, p. 52. (1905).

¹⁰⁷⁷ Ibihe Byose, p. 40.

¹⁰⁷⁸ Letter 53, 1896.

¹⁰⁷⁹ Ministry of Healing, p. 254. (1905).

ryayo kandi muyisingize mu ndirimbo. Bigishe gusubiramo amategeko y'Imana mu mutwe. Ku byerekeye amategeko, Abisirayeli bari barahawe aya mabwiriza ngo: "Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira, n'uko uryamye, n'uko ubyutse." (*Gutegeka kwa Kabiri 6:7*). Mose akurikije ayo mabwiza, yategetse Abisirayeli gushyira ayo magambo y'amategeko mu ndirimbo. Iyo abana bakuru bacurangaga izo ndirimbo, barumuna babo bagendaga ku karasisi, baririmba indirimbo igizwe n'amagambo y'amategeko y'Imana. Iyo babaga bamaze gukura, babaga bafite mu bwenge bwabo amagambo y'amategeko y'Imana bize mu bwana bwabo.

Niba byari ngombwa ko Mose acengeza amategeko mu ndirimbo yera kugira ngo igihe Abisirayeli bagenda mu butayu, abana babo bashobore kwiga kuririmba ayo mategeko uko akurikirana, mbega ukuntu ari ingenzi muri iki gihe kuba twakwigisha abana bacu Ijambo ry'Imana! Nimutyo dutabare Uwituka, twigishe abana bacu kubahiriza amategeko yose, nta na rimwe ryirengagijwe. Nimutyo dukore icyo dushoboye cyose mu mbaraga zacu iwacu mu miryango harangwe kuririmba, kugira ngo Imana ize kubana natwe.¹⁰⁸⁰

Ijuru Ryose Ryrangira Ijwi ry'Ibyishimo: Dukwiriye kwiyumvisha mu ntekerezo ibyishimo bitangaje Umwungeri agira iyo abonye intama yazimiye. Ahamagara abaturanyi be, akababwira ati: "Nimuze twishimane, kuko intama yanyje yari yazimiye yabonetse." Ijuru ryose ryrangira ijwi ry'ibyishimo. Data wa twese ubwe yishimira umuntu umwe warokotse maze akaririmba. Mbega ibyishimo byera bisaze bivugwa muri uyu mugani! Nawe ufite amahirwe yo gusangiza abandi ibyo byishimo.¹⁰⁸¹

UMUZIKA MU IBWIRIZABUTUMWA

Gucengeza Ukuri kw'iby'Umwuka: Indirimbo ni bumwe mu buryo bwiza bwo gucengeza ukuri kw'iby'umwuka mu mutima. Akenshi hifashishijwe amagambo y'indirimbo zera, amasôko yo kwicuza ibyaha no kwizera yagiye afunguka.¹⁰⁸²

Ibikoresho bya Muzika: Nimutyo impano yo kuririmba izanwe mu murimo w'Imana. Kwifashisha ibikoresho bya muzika ntibikwiriye kurwanywa rwose. Ibyo bikoresho byakoreshwaga kera muri gahunda z'iby'idini. Ababaga baje kuramya Imana bayisingizaga bacuranga inanga na nebelu, bityo rero muzika ikwiriye kugira umwanya wayo muri gahunda zacu. Izatuma abantu barushaho kwishimira gahunda yacu.¹⁰⁸³

Indirimbo zo muri Gahunda yo Kuramya si Igitaramo: Ibyo neretswe byari uko iyo umuyoboziaza kumvira inama yagiriwe na bene Se, ntiyihutire gukoresha imbaraga nyinshi cyane kugira ngo agire amateraniro manini azamo abantu benshi, aba yaragize imbaraga irushijeho

1080 *Review and Herald*, Sept. 8, 1904.

1081 *Testimonies*, vol. 6, p. 125. (1900).

1082 *Review and Herald*, June 6, 1912. [Urwibutso n'Integuza]

1083 *Letter 132*, 1898.

gukomera irehereza abantu ku cyiza, bityo umurimo we wari gutanga umusaruro utangaje. Muri gahunda y'amateraniro agira, yari akwiriye gukuramo ikintu cyose cyenda kumera nk'ikinamico kijyana n'ubutumwa atwaye. Igihe Uwiteka ashobora gukorana nawe, ntabwo umurimo akora uzakenera gutwara amikoro ahenze bene kariya kageni. Ntabwo yakenera gutanga amafaranga menshi angana kuriya yamamaza amateraniro ye. Ntabwo kandi azishingikiriza cyane kuri gahunda ya muzika. Uyu mugabane wa gahunda agira yo kuramya usanga ikorwa nk'iyi mu gitaramo cyo mu nzu zerekanyirwamo ikinamico kuruta uko ari gahunda y'indirimbo zo mu materaniro y'iby'idini.¹⁰⁸⁴

Abantu Bakeneye cyane Ijambo ry'Imana: Imitima y'abantu benshi bo ku isi, ndetse harimo na benshi mu bizera b'Itorero basonzeye umutsima w'ubugingo kandi bafite inyota y'amazi y'agakiza. Bashimishwa na gahunda y'indirimbo, ariko ntibashaka kumva ibyo ndetse n'isengesho. Bashaka kumenya Ibyanditswe Byera. Ijambo ry'Imana rimbwira iki? Umwuka Wera arakorera mu ntekerezo no mu mitima y'abantu, arabarehereza kurya ku mutsima w'ubugingo. Barareba bakabona ibintu byose bibazengurutse bihinduka. Amarangamutima y'abantu, ibitekerezo byabo ku byerekeye idini icyo ari cyo bigenda bihinduka. Baza kumva Ijambo ry'Imana, bakarifata uko risomwa.¹⁰⁸⁵

Insanganyamatsiko ya Buri Ndirimbo: Iby'agakiza ni byo bigomba kuba umutwaro wa buri kibwirizwa n'insanganyamatsiko ya buri ndirimbo. Nimureke agakiza kajye kaba muri buri sengesho ryo gutakambira Imana.¹⁰⁸⁶

Irinde Amarangamutima: Na n'ubu abandi bajya mu ruhande rumwe ruhabanye cyane, bagaha amarangamutima mu by'idini umwanya w'isumbwe, ndetse mu bihe runaka bidasanzwe bagaragaza ishyaka ryinshi. Imiterere y'idini yabo igaragara nk'aho ari iyo gushitura abantu aho kuba ishingiyeye ku kwizera gushinze imizi muri Kristo.

Abagabura nyakuri bazi agaciro k'imbaraga ya Mwuka Wera ikorera imbere mu mitima y'abantu. Bashimishwa no kwiyoroshya muri gahunda z'iby'iyobokamana. Aho kugira ngo igihe cyabo kinini giharirwe kuririmba kwabaye gikwira, umwanya wabo ukomeye n'intekerezo zabo shingiro babishyira mu kwigira Ijambo ry'Imana, kandi bagahimbaza Imana babikuye ku mutima. Hirya yo kwirimbisha kw'inyuma, bita ku murimbo w'imbere, umurimbo kwiyoroshya no gucisha make. Mu kanwa kabo ntihabonekamo uburiganya.¹⁰⁸⁷

Umurimo w'Ivugabutumwa ry'Indirimbo mu Miryango: Bigishwa, nimusohoke mujye mu nzira nyabagendwa no mu mihora. Nimwihatire kugera ku bantu bakomeye mutibagiwe n'aboroheje. Mwinjire mu nzu

1084 Letter 49, 1902.

1085 Manuscript 11, 1899.

1086 Manuscript 107, 189a 8.

1087 Manuscript 21, 1891

z'abakire n'iz'abakene, maze nimubona akanya mubabaze muti: "Mbese mwadukundira tukaririmba? Twashimishwa n'uko twafatanyaga namwe gahunda yo kuririmba." Nuko imitima yabo nimara koroha, ubwo noneho mwaba mukinguriye inzira yo gusenga mu magambo make mushimira Imana imigisha yabahaye. Ntabwo ari abantu benshi bazanga icyo cyifuzo.¹⁰⁸⁸

Umurimo wo Kubwiriza Ubutumwa Urugo ku Rundi: Iga kuririmba indirimbo zoroshye cyane kurenza izindi. Izo ndirimbo zizagufasha mu murimo wo gusura urugo ku rundi kandi zizatuma Umwuka Wera akabakaba imitima y'abaguteze amatwi. ... Dusoma mu Ijambo ry'Imana yuko abamarayika bo mu ijuru bishimira umunyabyaha umwe wihannye, kandi ko Uwiteka ubwe ashimishwa n'itorero rye akaririmba.¹⁰⁸⁹

Kurarikira Abantu Gufata icyemezo cyo Kwitanga Hifashishijwe indirimbo: Mu nzizi narose mu ijoro ryakeye, narose ndi kwigisha iteraniro ry'abasore. Nabasabye kuririmba indirimbo ivuga ngo "*Habuze Gato Nkemera*"¹⁰⁹⁰ Bamwe mu bari aho bakozwe ku mutima cyane. Nari nzi ko baburaga gato bakemera, ariko ko nibadafata icyemezo ntakuka cyo kugarukira Kristo, uwo mwuka wo kwemera ko ari abanyabyaha wari kubavamo. Narababwiye nti hari ibyo mumaze kwatura, none ndababaza nti: "Mbese guhera aka kanya ntimwakunda guhagarara mu ruhande rw'Imana?" Nimuramuka mwakiriye Kristo, na we azabakira.¹⁰⁹¹

Gahunda y'Indirimbo Yabereye mu Modoka: Ku Isabato twagize gahunda y'indirimbo. Mwene Data Lawurensi (Lawrence) ni impuguke mu muzika, ni we wayoboye indirimbo. Abagenzi bose bari mu modoka basaga n'aho bashimishijwe cyane n'iyi gahunda, maze benshi muri bo bafatanyaga natwe kuririmba.

Ku wa mbere w'Isabato twongeye kugira gahunda nk'iyi, maze irangiye umukuru Corliss atanga ikiganiro kigufi, amagambo ye ayashingira ku murongo ugira uti: "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwaga abana b'Imana." (1Yohana 3:1). Abagenzi bari mu modoka bateze amatwi batuje, kandi basaga n'abashimishijwe n'ibyo yavugaga.

Ku wa kabiri w'Isabato, twarongeye turaririmba, kandi twese twasaga rwose n'abamaze guhuza umutima.¹⁰⁹²

Umuziki mu Isi Nshya: Abantu bishyira mu biganza by'Imana kugira ngo babe kandi bakore ibyo ishaka ko bakora byose, bazabona Umwami mu bwiza bwe. Bazirebera ineza ye itagira akagero, kandi bazafata inanga zabo z'izahabu maze basakaze mu ijuru hose umuziki mwiza n'indirimbo baririmbira Umwana w'Intama w'Imana.

1088 *Review and Herald*, Aug. 27, 1903. [Urwibutso n'Integuza].

1089 *Review and Herald*, Oct. 11, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

1090 "*Almost Persuaded*" mu gitabo cy'Icyongereza.

1091 *Letter* 137, 190.

1092 *Letter* 135, 1905.

Nshimishijwe no kumva ibikoresho bya muzika mufite hano. Imana ishaka ko tubigira. Ishaka ko tuyihimbaza n'umutima wacu wose, n'ubugingo bwacu, ndetse n'ijwi ryacu, tukogeza izina ryayo imbere y'abatuye isi yose.¹⁰⁹³

UMUBWIRIZABUTUMWA W'UMURIRIMBYI

Gutegura Ivugabutuma Rikoresha Indirimbo: Hakwiriye kubaho kwita cyane ku gutoza ijwi kurusha uko muri iki gihe bigaragara muri rusange. Abanyeshuri bize kuririmba indirimbo nziza z'ubutumwa bwiza mu njyana nziza y'umwihariko bashobora gukora ibyiza byinshi nk'ababwirizabutumwa bakoresha indirimbo. Bazabona amahirwe menshi yo gukoresha impano Imana yabahaye, bajyana injyana nziza n'umucyo w'izuba ahantu henshi hari abantu bari mu bwigunge babundikiwe n'umwijima w'icyaha n'agahinda n'umubabaro, baririmbire abantu badakunze kugira amahirwe yo kwinjira mu rusengero.¹⁰⁹⁴

Imbaraga zo Kuzana Abantu Kuri Kristo: Mu ijwi ry'umuntu habamo impuzamajwi ishobora kugaragaza umubabaro, impuhwe cyangwa se agahinda kandi hakabamo n'umuziki. Uwiga nakorana umwete adacogora, azunguka ubushobozi bwo kuvuga no kuririmba buzamubera imbaraga imubashisha kuzana abantu kuri Kristo.¹⁰⁹⁵

Gutwara Ubutumwa Budasanze mu Ndirimbo: Hariho abantu bafite impano idasanze yo kuririmba, kandi hariho igihe ubutumwa budasanze butangwa n'umuntu umwe uririmba wenyine cyangwa bugatangwa n'abantu benshi, bafatanya kuririmba. Ariko si kenshi kuririmba bikorwa n'abantu bake. Ubushobozi bwo kuririmba ni impano ihindura benshi, kandi Imana ishaka ko abantu bose bayimenyereza ndetse bakayikoresha kubw'icyubahiro cy'izina ryayo.¹⁰⁹⁶

* **Kwitsa Amajwi mu Buryo Busobanutse n'Amagambo Yumvikana:** Nta magambo ashobora kugaragaza by'ukuri umunezero wimbitse wo kuramya nyakuri. Iyo abantu baririmbaye buzuye Umwuka w'Imana kandi basobanukiwe ibyo baririmba, abacuranzi bomu ijuru biyunga muri iyo njyana, maze bagafatanya nabo kuririmba indirimbo zo gushima. Uwaduhaye impano zose zitubashisha kuba abakozi bakorana n'Imana, yiteze ko abagaragu be bamenyereza amajwi yabo kugira ngo bashobore kuvuga no kuririmba mu buryo abantu bose bashobora kumva no gusobanukirwa. Ntabwo igikenewe ari ukuririmba mu ijwi riranga, ahubwo igikenewe ni ijwi risobanutse n'amagambo yumvikana. Nimureke abantu bose bafate umwanya wo kumenyereza ijwi, kugira ngo indirimbo zo gusingiza Imana zirimbwe mu magambo n'injyana byumvikana kandi bituje, nta magambo atumvikana cyangwa ngo amajwi amene abantu

1093 *Review and Herald*, June 15, 1905. [Urwibutso n'Integuza]

1094 *Review and Herald*, Aug. 27, 1908. [Urwibutso n'Integuza].

1095 Manuscript 22, 1886.

1096 *Testimonies*, Vol. 7, p 115. 116. (1902).

amatwi. Ubushobozi bwo kuririmba ni impano itangwa n'Imana, nimureke rero ikoreshwe kubw'icyubahiro cyayo.¹⁰⁹⁷

Ibintu Bituma Umuziki Utanga Umusaruro: Umuziki ushobora kuba imbaraga ikomeye iganisha abantu ku cyiza; nyamara ntitwita cyane kuri iri shami rijyana no kuramya. Muri rusange kuririmba bikorwa bitatekerejweho ngo bitegurwe cyangwa bigakorwa ngo bibe igisubizo muri gahunda runaka yihariye, kandi ibindi bihe usanga abantu baririmba barekwa bagata umurongo, bityo indirimbo ntitange umusaruro ukwiriye yagombye kugira ku ntekerezo z'abari kuyumva. Umuziki wari ukwiriye kurangwa n'ubwiza, injyana igaragaza amarangamutima n'imbamutima ndetse n'imbaraga. Nimureke amajwi yacu tuyahanike mu ndirimbo zo guhimbaza Imana no kwitanga. Niba bishoboka, ifashishe igicurangisho cya muzika, maze ureke injyana y'amajwi y'agahozo izamuke ijya ku Mana, ibe ari ituro ryemerwa.

✱Nyamara usanga rimwe na rimwe gushyira abaririmbyi mu murongo mwiza no kubakomereza gukurikiza gahunda bikomera cyane. Ndetse usanga bikomeye kurenza kunoza imyitwarire abantu bimenyereza yo gusenga no kwinginga. Abenshi mu baririmbyi bashaka gukora ibintu bakurikije uburyo bwabo bishakiye; barwanya kugisha abandi inama, kandi usanga batihanganira kugendera kuri gahunda y'ubuyobozi. Mu murimo w'Imana hakenewe igenamikorere ryizwe neza kandi ryuzuye ubwenge. Guhuza imyumvire ni ikintu cy'agahozo mu kuramya Imana.¹⁰⁹⁸

Umuyobozi w'Indirimbo zo mu Ijuru: Neretswe gahunda yo mu ijuru, yari gahunda itunganye rwose, kandi ubwo numvaga umuzika n'indirimbo by'agahozo byaho, numvise ntwawe pe! Nyuma yo kuva muri iryo yerekwa, numvise imiririmbye ya hano ku isi ari iyo kumena amatwi gusa kandi irimo kubusanya. Nabonye amatsinda y'abamarayika bari bahagaze ku mirongo ine irebana, buri mumarayika yari afite inanga y'izahabu ... Iteka haba hari umumarayika umwe ayobora indirimbo, ni we ubanza gukora ku murya w'inanga maze agafungura indirimbo, maze bese bagatangirira icyarimwe, bagacuranga indirimbo z'agahozo zo mu ijuru. Ntawabona uko abirondora. Ni injyana mvajuru y'akataraboneka, naho mu maso h'abaririmba bese harabagiranaga imirasire y'ubwiza bwa Yesu, arabagirana ikuzo ritavugwa.¹⁰⁹⁹

Gahunda y'Indirimbo Iyobowe Neza: Umugabura ntakwiriye guha abizera indirimbo ngo bayiririmbe batarayimenya neza. Hagomba gushyirwaho umuntu agahabwa inshingano yo kwigisha indirimbo, kandi akwiriye kujya areba ko izo ndirimbo zatoranyijwe mu buryo zishobora kuririmbana umwuka no gusobanukirwa ibyo zivuga.

Kuririmba ni kimwe mu bigize gahunda yo kuramya Imana, ariko uburyo butarangwamo ubuhanga akenshi indirimbo zikunze kuyoborwamo,

1097 *Testimonies*, Vol. 9, pp. 143, 144. (1909).

1098 *Gospel Workers*, p. 325. (1892).

1099 *Testimonies*, vol. 1, p. 146, (1857).

usanga budahesha ukuri agaciro, kandi ntibuheshe n'Imana icyubahiro. Muri iyi gahunda y'indirimbo kimwe no mu mugabane uwo ariwo wose w'umurimo w'Imana hagombye kubamo uburyo ngenderwaho na gahunda ikurikizwa. Tegura umutwe w'abaririmbyi b'abahanga, bafite amajwi ashobora kuyobora iteraniro, maze noneho ureke abashaka bose bifatanye n'abo b'abahanga. Abantu baririmba bakwiriye gukora uko bashoboye kose bakaririmba batabusanya; bakwiriye kujya bafata igihe cyo kwitoza kugira ngo babashe gukoresha iyi mpano bahesha Imana icyubahiro.

Ariko kuririmba ntibikwiriye kwemererwa ngo biteshure intekerezo z'abantu ku masaha yo kwiga ijamba ry'Imana. Niba hari kimwe muri ibyo byombi kigomba kwirengagizwa mureke kube kuririmba.¹¹⁰⁰

Rukuruzi Iba mu Ijwi ry'Umuntu: Ijwi ry'umuntu uririmba indirimbo z'Imana abikuye ku mutima yasabwe no kunyurwa no gushimira Imana, rirayishimisha cyane kurenza urwunge rw'amajwi y'ibicurangisho byose byigeze guhimbwa n'amaboko y'umwana w'umuntu.¹¹⁰¹

Imiburo: Najyanywe mu iyerekwa, ngera aho mukorera imyitozo yo kuririmba, nuko mbashishwa gusoma amarangamutima yari mu itsinda ry'abaririmbyi, iryo mubarizwamo ry'ikirangirire. Harimo udushyari, igomwa, gukekeranya ibibi no kuvuga amagambo mabi. . . . Icyo Imana isaba ni ukuyirama ko mu mutima; kuyirama kw'umugenzo no mu magambo gusa ni nk'icyuma kirenga kandi ni nk'inanga nyamuduri inihira. Kuririmba kwanyu ni uko kwiyerekana, aho guhimbaza Imana mufite umwuka kandi musobanukiwe [ibyo muririmba]. Uko umutima uteye ni byo bigaragaza agaciro k'idini y'uvuga ko yubaha Imana.¹¹⁰²

IBYO GUSHIMANGIRA MU NDIRIMBO ZO MU ITERANIRO RUSANGE

Umutwe w'Abaririmbyi no Kuririmba kw'Iteraniro Rusange: Mu materaniro abaho, nihatoramye umubare runaka w'abantu bo kugira uruhare muri gahunda yo kuririmba indirimbo zatoranijwe. Kandi uko kuririmba nikunganirwe n'ibicurangisho bicuranganwe ubuhanga. Ntabwo tugomba kurwanya gukoresha umuziki ucurangwa mu murimo wacu. Ahubwo uyu mugabane wa gahunda yo kuramya ugomba kuyoborana ubushishozi; kuko ari gahunda yo gusingiza Imana mu ndirimbo.

*Ntabwo iteka kuririmba bigomba gukorwa n'abantu bake. Ahubwo nimureke iteraniro ryose rifatanyirize hamwe kuririmba incuro nyinshi zishoboka.¹¹⁰³

Mwegere Kutabusanya k'Umutwe w'Abaririmbyi bo mu Ijuru: Indirimbo ni umugabane ugize gahunda yo kuramya Imana ibera mu bikari byo mu ijuru. Mu ndirimbo zacu zo gusingiza Imana, twari dukwiriye

¹¹⁰⁰ *Review and Herald*, July 24, 1883. [Urwibutso n'Integuza.]

¹¹⁰¹ *Letter 2c*, 1892.

¹¹⁰² *Letter 1a*, 1890.

¹¹⁰³ *Testimonies*, Vol. 9, p. 144. (1902); *Letter 157*, 1902.

guhirimbanira kwegera cyane uko bishoboka ukutabusanya kurangwa mu mitwe y'abaririmbyi yo mu ijuru. Ibihe byinshi nagiye mbabazwa no kumva amajwi ataratojwe ahanikwa cyane, abantu bagasakuza nk'ababoroga kandi bariho bavuga amagambo yera y'indirimbo zo guhimbaza Imana. Mbega ukuntu ayo majwi atagorowe akoreshwa mu kuramya Imana kuje ibyishimo atari akwiriye! Nifuza cyane kuba nafunga amatwi cyangwa nkava aho hantu, kandi iyo uko kuririmba kubabaje kurangiye ndishima cyane.

Abantu bafata ko kuririmba ari umugabane umwe wa gahunda yo kuramya Imana bakwiriye gutoranya indirimbo n'incurango biberanye n'igihe cyo kuramya, ntihumvikane amajwi nk'ay'aho abantu bari gushyingura, ahubwo humvikane amajwi y'ibyishimo, ariko ari mu njyana iboneye. Ijwi rishobora kandi rikwiriye kugoragorwa rigatunganywa, rikoroshywa kandi rigategukwa.¹¹⁰⁴

Kuririmba Ubishyizeho Umutima kandi Usobanukiwe ibyo Uririmba: Neretswe ko abantu bose bakwiriye kuririmba bafite umwuka no gusobanukirwa. Imana ntinezwa n'indirimbo zirimo imvugo izwi n'abantu bamwe gusa ndetse no kubusanya. Kandi uko ubwoko bw'Imana burushaho kwegera imirimbire itunganye kandi itarimo kubusanya, ni ko Imana irushaho guhabwa icyubahiro, ni ko itorero rirushaho kunguka, kandi bikarushaho gukora ku mitima y'abatizera.¹¹⁰⁵

Kuririmba Kurangwamo Umwuka no Gusobanukirwa: Abantu benshi baririmba indirimbo nziza mu materaniro, zikaba ari indirimbo zivuga ibyo bazakora, n'ibyo bagambiriye gukora; ariko bamwe muri bo ntibakora ibyo baririmba. Ntabwo baririmba umwuka no gusobanukirwa ibyo baririmba. Bityo rero, igihe Ijambo ry'Imana risomwa, bamwe ntacyo ribungura bitewe n'uko bataryinjiza mu buzima bwabo bwite, bityo ntibarishyira mu bikorwa.¹¹⁰⁶

ABAKORA UMWUGA WO GUCURANGA NO KURIRIMBA

Abantu Bafite Imitima Ifitiye Igishyika Amavuna: Mu ishyamba bagira ryo kugeza ubutumwa ku bantu, intumwa z'Uwitwaga ntizigomba gukurikira inzira y'ab'isi. Mu materaniro aba, ntibakwiriye kwishingikiriza ku baririmbyi baririmba indirimbo z'ab'isi ndetse no kwiyerekana mu buryo nk'ubw'ikinamico kugira ngo bakunde batere abantu ubwuzu. Ni buryo ki abantu batita ku Ijambo ry'Imana, kandi batigeze basoma Bibiliya bafite icyifuzo kivuye ku mutima cyo gusobanukirwa ukuri kwayo, bakwiriye gutegerezwaho ko baririmba bafite umwuka no gusobanukirwa ibyo baririmba? Ni buryo ki imitima yabo ishobora kutabusanya n'amagambo y'indirimbo zera? Ni gute umutwe w'abaririmbyi bo mu ijuru bashobora kwifatanya n'abaririmbyi baririmba mu buryo bwo kurangiza umuhango gusa?¹¹⁰⁷

1104 *Signs of the Times*, June 22, 1882. [Ibimenyetso by'Ibihe].

1105 *Testimonies*, vol. 1, p. 146. (1857).

1106 *Review and Herald*, Sept. 27, 1892. [Urwibutso n'Integuza.]

1107 *Testimonies* vol. 9, p. 143. (1909).

Indirimbo Iryoshye kandi Yoroshye: Ni buryo ki Imana ishobora guhabwa icyubahiro mu gihe mu ndirimbo zanyu mwifashisha umutwe w'abaririmbyi b'isi baririmbira guhembwa amafaranga? Muvandimwe, nureba ibi bintu mu mucyo utunganye, mu materaniro yawe uzagira indirimbo iryoshye kandi yoroshye gusa, ndetse uzasaba iteraniro ryose gufatanya nawe muri iyo ndirimbo. Byaba bitwaye iki mu bantu bateraniye aho niba harimo abantu badafite amajwi yamenyereye kuririmba nk'ay'abandi? Iyo imirimbire iteye mu buryo abamarayika baba bashobora kwifatanya n'abaririmbyi, imitima y'abantu ikorwaho mu buryo butashoborwa n'indirimbo zivuye ku minwa itejewe.¹¹⁰⁸

Abacuranzi b'Indirimbo z'Isi: Ntugakodeshe abacuranzi b'indirimbo z'isi. Igihe bishoboka cyose, jya ubwirinda. Huriza hamwe abaririmbyi bazashobora kuririmba umwuka no gusobanukirwa ibyo baririmba. Gushaka kwiyerekana mushaka kongera mu bisanzwe bikorwa mujya mugira rimwe na rimwe bituma mutakaza amikoro atari ngombwa, kandi bene Data ntibari bakwiriye gusabwa gutanga ayo mikoro. Ikindi kandi, nyuma y'igihe runaka muzabona ko abatizera noneho badafite ubushake bwo gutanga amafaranga yo kwishyura ibyo bikorwa.¹¹⁰⁹

Kwemera Ubufasha bw'Indirimbo: Mu materaniro abaho, kuririmba ntigukwiriye gukerenswa. Imana ishobora guhabwa icyubahiro binyuze muri uyu mugabane wa gahunda yo kuramya. Kandi igihe abaririmbyi batanga umusanzu wabo baririmba, bakwiriye kwemerwa. Ariko amafaranga ntagomba gukoreshwa mu gukodesha abaririmbyi. Akenshi iyo iteraniro ryose riririmbye indirimbo yoroheje yatoranyijwe, bigira imbaraga ireshya abantu itaboneka mu kuririmba k'umutwe w'abaririmbyi nubwo waba uririmba ubuhanga ute.¹¹¹⁰

Umuzika Utukisha Imana: Kwiyerekana si iyobokamana kandi si na gahunda yejewe. Nta kintu gikoza isoni mu maso y'Imana cyaruta kuririmba indirimbo zicurangishijwe ibyuma by'umuziki igihe ababigiramo uruhare batejewe, ntibabe basohora amajwi mu mitima yabo bahimbaza Uwitaka. Ituro ry'agahebuzo kandi ryemewe mu maso y'Imana ni umutima wacishijwe bugufi kubwo kwiyanga, kubwo kwereze umusaraba no gukurikira Yesu.

Ubu nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa dushaka ibyo bintu bishimisha ibyumviro by'abantu gusa. Kwinira mu mutima birakenewe. Dukeneye kwegera Imana turira kandi twatura ibyaha byacu tubikuye ku mitima imenetse kugira ngo na Yo ibashe kutwegera.¹¹¹¹

Imana Ihabwe Icyubahiro: Imana iheshwa icyubahiro n'indirimbo zo kuyisingiza zivuye mu mutima uboneye wuzuye urukundo no kuyiyegurira.¹¹¹²

¹¹⁰⁸ Letter 190, 1902

¹¹⁰⁹ Letter 51, 1902.

¹¹¹⁰ Letter 49, 1902.

¹¹¹¹ Review and Herald, Nov. 17, 1899. [Urwibutso n'Integuza]

¹¹¹² Testimonies, Vol. 1, p. 509. (1867).

INAMA ZIKWIRIYE AB'IKI GIHE

✱ **Ibiranga Umuziki n'Indirimbo Byiza:** Imirimbire ikwiriye kunozwa bikomeye. Abantu bamwe batekereza ko uko baririmba ijwi rirerire ari ko barushaho kumvikanisha indirimbo; ariko rero urusaku si ukuririmba. Kuririmba kwiza ni ukumeze nk'amajwi y'inyoni, ni ijwi umuntu asohora aritegeka kandi riryoheye amatwi.

✱ Muri amwe mu matorero yacu nahumvise indirimbo z'umuntu umwe umwe kandi ntizari zikwiriye rwose muri gahunda yo mu nzu y'Imana. Amanota arandaga birenze urugero ndetse n'amajwi adasanzwe akunze kumvikana mu *makinamico aganjemo indirimbo*¹¹¹³ ntashimisha abamarayika. Bashimishwa no kumva indirimbo zoroheje zo guhimbaza Imana ziririmbe mu ijwi risanzwe. Indirimbo zifite ijamba ryose bavuga rikumvikana neza mu ijwi ry'umuziki, izo ni zo ndirimbo abamarayika bafatanyaga natwe kuririmba. Bunga amajwi yabo mu ndirimbo isubirwamo bivuye ku mutima wuzuye umwuka no gusobanukirwa ibyo uririmba.¹¹¹⁴

Imikoreshereze Ikwiriye Igihe cyo Kuririmba: Hari ibikwiriye kunozwa mu buryo tuyobora amateraniro makuru, kugira ngo abantu bose bayazamo bashobore kugira ibyo bakorerwa bitaziguye. Hari amateraniro amwe yerekeye ibibazo mbonezamubano abera mu mahema manini, aho abantu bose bateranira ngo baramye Imana. Ariko ayo materaniro aba ari magari cyane ku buryo abantu bake cyane ari bo baba bakwiriye kuyitabira, ndetse abantu benshi bavuga buhoro cyane ku buryo bumvwa n'abantu bake cyane. ... Rimwe na rimwe igihe kinini cyakoreshejwe mu kuririmba. Baririmba indirimbo ndende cyane mbere yo gusenga na nyuma yo gusenga, kandi mu materaniro yose hagati hajyaga hacamo ibihe byinshi byo kuririmba. Uko ni ko ibihe bihwaniye agaciro n'izahabu byakoreshejwe nabi, kandi nta na kimwe cya kabiri cy'ibintu byiza byakozwe mu byajyaga kuba byarabayeho iyo ibyo bihe by'agaciro kenshi biza kuba byarakoreshejwe uko bikwiriye.¹¹¹⁵

Ibirori no Kwiyegekana: Gahunda y'umuhango n'ibirori ntibibarwa mu bigize ubwami bw'Imana. Usanga ibirori bigenda biba byinshi cyane kandi bigakabya mu gihe amahame y'ingenzi yerekeye ubwami bw'Imana yibagirana. Ariko ntabwo gahunda y'umuhango n'ibirori ari byo Kristo adukeneyeho. Akeneye kwakira imbuto zivuye mu ruzabibu rwe z'ubutungane no kutikanyiza, ibikorwa by'ubugwaneza, imbabazi n'ukuri.

Imyambaro myiza ihebuje, indirimbo nziza na muzika icuranzwe mu rusengeru ntibizana indirimbo z'umutwe w'abaririmbyi wo mu ijuru. Mu maso y'Imana, bene ibyo bintu bisa nk'amashami ya wa mutini utareraga imbuto ahubwo ukaba nta kindi cyawurangwagaho uretse ibibabi gusa. Kristo arashaka amatunda, arashaka amahame y'ubugiraneza n'impuhwe

¹¹¹³ Opera

¹¹¹⁴ Manuscript 91.1903.

¹¹¹⁵ Review and Herald, Nov. 27, 1883. [Urwibutso n'Integuza]

n'urukundo. Ayo ni yo mahame y'ijuru, kandi iyo ayo mahame agaragarira mu mibereho y'abantu, dushobora kumenya ko Kristo yaremwe muri bo, we byiringiro by'ubwiza. Itorero rishobora kuba ari ryo rikennye cyane mu karere runaka, ridafite ibyuma by'umuziki ndetse ntiribe rigaragara inyuma, ariko riramutse rifite aya mahame, abizera bashobora kuririmba kuko ibyishimo Kristo atanga biri mu bugingo bwabo, bityo izo ndirimbo ni zo bashobora gutura nk'igitambo gishimisha Imana.¹¹¹⁶

Umuzika n'Indirimbo Byemerwa n'Imana: Ibintu byinshi by'ikirenga byinjijwe muri gahunda yo kuramya mu itorero rya----- bigomba kwirindwa nta kujenjeka. ... Umuziki n'indirimbo byemerwa n'Imana igihe gusa umutima wejejwe, ukoroshya kandi ukabonezwa n'ibyo bintu byombi. Ariko usanga abenshi bashimishwa n'umuziki n'indirimbo muri iki gihe nta kintu na gito bazi cyo gusingiriza Imana mu njyana nziza yo mu mitima yabo. Imitima yabo yatwawe "n'ibigirwamana byabo."¹¹¹⁷

Gukoresha Umuziki n'Indirimbo Nabi: Igihe abavuga ko ari abakristo bazaba bamaze kugera mu rwego rwo hejuru baba bafitiye amahirwe yo kugeraho, kwiyoroshya kwari muri Kristo kuzahora muri gahunda zabo zose zo kuramya. ... Gahunda z'imihango gusa n'ibirori n'incurango zitari zimwe ntibituma itorero rigira imbaraga. Nyamara bene ibi bintu byatwaye umwanya Imana yagombaga gufata, nk'uko byayimuye mu kuramya kw'Abayuda.

Uwiteka yampishuriye ko iyo umutima umaze kubonezwa no kwezwa, kandi abizera b'itorero bakaba baragabanye kuri kamere y'Imana, hari imbaraga izava mu itorero ryizera ukuri, maze itume mu mutima hazamo indirimbo y'agahozo. icyo gihe abagore n'abagabo ntibazishingikiriza ku ndirimbo zicurangishijwe ibyuma by'umuziki, ahubwo bazishingikiriza ku mbaraga n'ubuntu by'Imana, kuko ari byo bizatanga ibyishimo byuzuye. Hari umurimo ugomba gukorwa mu gukubura imyanda yinjijwe mu itorero . . .

Ubu butumwa ntibwagenewe itorero rya----- gusa, ahubwo bwagenewe n'irindi torero iryo ari ryo ryose rishobora kuba ryarakurikije urugero rw'iryo mvuga aha.¹¹¹⁸

IVUGABUTUMWA RISHINGIYE KU BUVUZI

IREMBO RY'UMURIMO W'IVUGABUTUMWA

Gukingura Imiryango Ibwirizabutumwa: Nta kintu kizakingurira imiryango ukuri ngo kwinjire nk'umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi. Uyu murimo uzagera ku mitima no ku ntekerezo, kandi uzaba uburyo bwo guhindurira benshi ku kuri.

Umuwugabutumwa witeguye kugeza ubutumwa ku muntu urwaye aba ahawe amahirwe akomeye yo kugira icyo akorera ubugingo bw'umunyabyaha. Bene uwo muvugabutumwa akwiriye guhabwa ubushobozi bwo kubatiza abahindutse kandi bifuza kubatizwa. ... Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ni ukuboko kw'iburyo gufasha mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza, kukanafasha gukingura imiryango kugira ngo ubutumwa bubone bwamamazwe.

Inzugi zakingwaga kugira ngo umuntu wagenzwaga no kubwiriza ubutumwa gusa atabona aho anyura, zizakingurirwa umuvugabutumwa w'umunyabwenge wifashisha ubuvuzi. Imana igera ku mitima y'abantu binyuze mu koroherezwa no gukizwa ububabare bw'umubiri.¹¹¹⁹

Urwinjiriro Rukomeye mu Ivugabutumwa: Ndebeye mu kugira neza kw'Imana, nsanga umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ugomba kuba urwinjiriro rukomeye, aho ubugingo bw'umuntu urwaye bushobora kugerwaho.¹¹²⁰

Uwo Murimo Ukuraho Urwikekwe: Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ni umurimo ucira inzira ubutumwa bwiza, ni urugi ukuri kugenewe iki gihe gucamo kugira ngo kwinjire mu miryango myinshi y'abantu. Kugaragaza amahame ajyanye n'ivugurura mu by'ubuzima bizakora umurimo ukomeye mu gukuraho urwikekwe abantu bafitiye

¹¹¹⁹ Manuscript 58, 1901.

¹¹²⁰ Counsels on Health, p. 535. (1893)

umurimo wacu w'ivugabutumwa. Muganga Mukuru, we nkomoko y'umurimo w'ivugabutuma rishingiye ku buvuzi, azaha umugisha abantu bose bazahirimbana kubwira abandi ukuri kwagenewe iki gihe.¹¹²¹

Ubuvuzi Butuma Ubutumwa Bugera ku Mitima: Kora umurimo w'ubuvuzi mu rwego rw'ibwirizabutumwa. Nukora utyo uzashobora kugera ku mitima y'abantu. Nibigenda bityo, inzira izaba iteguriwe gahunda irushijeho gukomera yo kwamamaza ubutumwa bw'ukuri. Muzabona ko koroshya ububabare bw'umubiri bw'abantu bizaha umuvugabutumwa amahirwe yo kubakenura ku bukene bw'iby'umwuka bafite. ...

Guhuza umurimo umeze nk'uwo Kristo yakoreraga umubiri n'uwo yakoreraga ubugingo ni bwo busobanuro nyakuri bw'ubutumwa bwiza.¹¹²²

Ibibwirizwa Bivugurura: Umuyobozi wanjye yambwiye ko abantu bizera ukuri badakwiriye gukurikiza amabwiriza y'ivugurura n'ubugorizi mu by'ubuzima gusa ahubwo ko banakwiriye kubyigisha abandi bashimikiriye; kuko iyo gahunda izaba uburyo ukuri gushobora kwigishirizwamo kukagera mu ntekerezo z'abatizera. Bazatekereza ko niba dufite ibitekerezo byiza bimeze bityo mu byerekeye ubuzima buzira umuze no kwirinda, mu myizerere yacu y'iby'idini hagomba kubamo ikintu gifite agaciro ko kugenzuranwa ubushishozi. Nituramuka dusubiye inyuma mu bugorizi mu by'ubuzima, tuzatakaza imbaraga nyinshi twari dufite zo guhindura abatuzengurutse.

Ibibwirizwa tubwiriza mu materaniro manini bikwiriye kuba bivugurura abantu. Impano zose zishoboka zikwiriye gukoreshwa kugira ngo iryo vugurura rishyirwe imbere y'abantu.

Abantu benshi barambiwe gahunda y'imihango gusa irangwa mu matorero ya gikristo. Abantu benshi basubira inyuma bitewe n'uko babona nta gutungana nyakuri kurangwa mu bavuga ko ari Abakristo. Iyaba ibihamba bidakebakeba byatangwaga ku byerekeye ubuzima no kwirinda, hakorwa umurimo mwiza wo gutegurira ukuri inzira kugira ngo kuvugwe.

Kwigisha abantu ibyerekeye amahame nyakuri mu by'ubuzima no kwirinda ntibikwiriye kwirengagizwa nk'aho atari ingenzi; kubera ko hafi y'imiryango yose ikeneye kwigishwa ibi bintu. Hafi y'abantu bose bakeneye gukangurwa mu ntekerezo kugira ngo bahinduke abakora ibyo Ijambo ry'Imana rivuga, bakarangwa no kwiya, kandi bagacisha ukubiri n'irari ryo kurya cyangwa kunywa ibibuzanjwe. Igihe ujijuye abantu ku byerekeye amahame y'ivugurura mu by'ubuzima, uba ukoze ibintu bikomeye mu gutegurira inzira gahunda yo kwigisha abantu ukuri kugenewe iki gihe. Umuyobozi wanjye yaravuze ati: "Nimwigishe, nimwigishe, nimwigishe." Intekerezo z'abantu zikwiriye kumurikirwa, kubera ko imyumvire yabo icuze umwijima. Satani ashobora kubona icyuho kimugeza ku bugingo

1121 *Counsels of Health*, p. 497. (1902).

1122 *An Appeal for the Medical Missionary College*, p. 14, 15. (1902).

bw'abantu anyuze ku ipfa ryabo ryangiritse, akabutesha agaciro kandi akaburimbura.¹¹²³

Ivugurura mu by'ubuzima ryomatanye cyane no kwigisha abantu Ijambo ry'Imana: Amahame yerekeye ivugurura mu by'ubuzima aboneka mu Ijambo ry'Imana. Ni umugambi w'Imana ko imbaraga ihembura iva mu ivugurura mu by'ubuzima yazaba umugabane umwe mu muhati ukomeye kandi uheruka uzakoreshwa mu kwamamaza ubutumwa bwiza.¹¹²⁴

Ahantu Henshi: Nk'uburyo bwifashishwa mu gutsinda urwikekwe no kugera ku ntekerezo z'abantu, umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ugomba gukorwa, ntukorwe ahantu hamwe cyangwa se habiri gusa, ahubwo ugakorwa ahantu henshi ukuri kutigeze kuvugwa. Dukwiriye gukora nk'abavuzi b'ababwirizabutumwa, tukavura abantu barwaye indwara y'icyaha tubagezaho ubutumwa bw'agakiza. Uyu murimo uzasenya urwikekwe kurenza ubundi buryo bwose.¹¹²⁵

Ivugabutumwa Rishingiye ku Buvuzi ni Ingenzi Kugira ngo Umurimo Utere Imbere: Umurimo w'ubuvuzi mu ivugabutumwa ni ukuboko kw'iburyo k'ubutumwa bwiza. Ni umurimo w'ingenzi kugira ngo umurimo w'Imana uje mbere. Kubera ko binyuze muri uyu murimo abagabo n'abagore babashishwa kubona agaciro ko kugira akamenyero keza mu mibereho yabo, imbaraga ikiza y'ukuri nayo izabona akito maze imenyekane. Abakozi bahuguriwe umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi bazinjira mu muji wose. Nk'ukuboko kw'iburyo k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, uburyo Imana ikoresha bwo gukiza indwara buzakingurira inzugi ukuri kugenewe iki gihe maze kwinjire.¹¹²⁶

Umurimo w'Ubuuvuzi Ukingura Inzugi: Ahantu hose wajya ushobora kuhasanga abantu barwaye, bityo rero abakozi ba Kristo bakwiriye kuba abagorozi nyakuri mu by'ubuzima, bakaba biteguye guha abarwayi ubuvuzi bworoheje buborohera, hanyuma bakaboneraho kubasabira. Nibiba bityo, bazakingura imiryango kugira ngo ukuri kwinjire. Gukora bene uyu murimo bizakurikirwa n'umusaruro ushimishije.¹¹²⁷

UMUGAMBI NYAKURI W'IVUGABUTUMWA RISHINGIYE KU BUVUZI

Uyu Murimo Utanga Umusaruro Ushimishije: Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi utuma haboneka amahirwe yo guteza imbere umurimo w'ibwirizabutumwa uzabyara umusaruro. Igihe iyi mirongo yombi y'ivugabutumwa ihurijwe hamwe ni bwo dushobora kwitega kubona umusaruro mwiza cyane dusarurira Umwami.¹¹²⁸

1123 Letter 1, 1875.

1124 Medical Ministry, p. 259. (1899).

1125 Testimonies, Vol. 9, p. 211. (1909).

1126 Testimonies, vol. 7, p. 59. (1902).

1127 Medical Ministry, p. 320. (1911).

1128 Review and Herald, July 7, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

Guhumuriza, Kuvura no Koroshya Ububabare: Kristo yasangaga abantu aho bari, maze akabigisha ukuri gukomeye kwerekeye ubwami Bwe. Uko yagendaga ava ahantu akajya ahandi, yahaga umugisha abababaye, akabahumuriza, kandi agakiza abarwayi. Uyu ni wo murimo dushinzwe. Imana ishaka ko twunganira abatishoboye mu byo bakeneye.¹¹²⁹

Icyitegererezo Dusanga muri Yesaya 58: Igice cya mirongo itanu n'umunani cya Yesaya kirimo ukuri kw'iki gihe kwagenewe ubwoko bw'Imana. Muri icyo gice tuhasanga uburyo umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi n'ivugabutumwa bwiza ubwaryo byomatanye mu gihe ubutumwa buba bubwirwa abatuye isi. Abubahiriza Isabato y'Uwiteka bafite inshingano yo gukora umurimo w'imbabazi no gukorera abandi nta gihembo babatezeho. Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ugomba gufatanywa n'ubutumwa bwiza, kandi ugashyirwaho ikimenyetso cy'Imana.¹¹³⁰

Imitima Iroroshywa: Isi ikeneye kubona umuti uvura icyaha. Mu gihe umuvugabutumwa ukoresha ubuvuzi akorana ubwenge kugira ngo yoroshye kandi akize ubuzima bw'abantu, imitima yabo iroroha. Abantu bafashijwe n'uwo murimo buzuzwa umwuka wo gushima.

Uko umuvugabutumwa wifashisha ubuvuzi agira icyo akora ku mubiri, ni ko Imana nayo ivura umutima. Amagambo yo guhumuriza avugwa n'abavugabutumwa ni umuti woroshya ububabare, agatera umuntu kugira ibyiringiro n'icyizere. Akenshi uwo muvugabutumwa w'umuhanga wifashisha ubuvuzi azagira amahirwe yo kuvuga iby'umurimo Kristo yakoraga igihe yari ku isi. Bwira uwo murwayi ubabazwa iby'urukundo rw'Imana.¹¹³¹

Kuvugurura Ukwizera Dufite mu Mana no mu Muntu: Abantu benshi bamaze kwibagirwa iby'ukuri kuzahoraho, bamaze gutakaza ishusho y'Imana muri bo kandi ntibazi neza niba ubugingo bw'umuntu bagomba gukiza cyangwa kuzimiza. Nta nubwo bizera Imana kandi ngo bagire umuntu biringira. Iyo babonye umuntu udafite ikibareshya kijyana n'ibyo isi iha ikuzo aje abagendereye akabasanga mu ngo zabo za gikene, akita ku barwayi, akagaburira abashonje, akambika abambaye ubusa kandi abantu bose akaberekeza ku Mana yo nyir'urukundo n'impuhwe abereye intumwa nk'uko babibona, bumva imitima yabo ikabakabwe. Gushima bizamuka mu bugingo bwabo no kwizera kugakongezwa. Babona ko Imana ibitaho, maze igihe Ijambo ryayo ribumbuwe bakaba biteguye gutege amatwi.

Uko abana b'Imana bazitangira uwo murimo, ni ko abantu benshi bazasingira ukuboko kw'Imana kubaramburiwe kubakiza. Bazumva bahatirwa kuva mu nzira zabo mbi. Kubwo kwizera Kristo, bamwe mu bantu batabawe bashobora kuja mbere bakagera mu mwanya uhanitse w'umurimo w'Imana, kandi bagahabwa inshingano mu murimo wo gukiza ubugingo bw'abantu. Kubera ubuzima nabo baba baranyuzemo, baba bazi ibyo abo bakorera umurimo bakeneye; kandi baba bazi kubafasha, baba

1129 Letter 54, 1898.

1130 Manuscript 22, 1901.

1131 Manuscript 58, 1901.

bazi n'uburyo bwakwifashishwa kurusha ubundi kugira ngo bagobohe abari mu kaga ko kurimbuka. Usanga buzuye umwuka wo gushima Imana kubera imigisha yabahaye, imitima yabo ikangurwa n'urukundo kandi bongerwa imbaraga kugira ngo bashobore kubyutsa abandi batashobora kubyuka baramutse batabonye ubufasha.¹¹³²

Ubumenyi Nyakuri bw'Umurimo w'Ivugabutumwa Rishingiye ku Buvuzi: Kwiga ibyo kubaka n'ubundi bumenyi mu by'ubuvuzi ni byo isi yose irangamiye, ariko ubumenyi nyakuri bw'umurimo w'ivugabutumwa mu buvuzi ukorwa nk'uko Kristo yawukoraga, ni umurimo mushya kandi w'inzaduka mu matorero no ku isi. Ariko uwo umurimo uzagira umwanya wawo nyakuri igihe Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi nk'ishyanga ryahawe umucyo mwinshi bazakangukira kwita ku nshingano zabo kandi namahirwe bafite bakayakoresha neza.

Abasore n'inkumi bakwiriye kuba bujuje ibyangombwa bibashoboza kujya mu murimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi, bagakora nkabaganga n'abaforomo n'abaforomokazi. Ariko mbere y'uko abo bakozi boherezwa mu murimo, bakwiriye kugaragaza ibimenyetso bihamya ko bafite umwuka wo gukorera abandi, bakagaragaza ko bahumeka umwuka w'umurimo w'ubuvuzi mu ibwirizabutumwa, kandi ko biteguye gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa.

Abigishwa bakwiriye gutegurirwa gukora umurimo wo kujya ku ruhembe rw'imbere mu kuvuga ubutumwa mu turere dushya. Abavubutumwa b'abavuzi boherezwa mu mahanga bakwiriye kubanza kwigishwa mu buryo bwitondewe. Ni intumwa zihagarariye Kristo, kandi bagomba kumukoreshereza ubwenge n'ubuhanga bwose bafite, bagasenga bashyizeho umwete kugira ngo Umuganga mukuru agirire impuhwe abarwayi kandi abakirishe imbaraga ze zikora ibitangaza.¹¹³³

Umurimo Nyakuri w'Ivugabutumwa Rishingiye ku Buvuzi: Isomo dukeneye kwiga ni iri rijyana n'iki kibazo ngo: Mbese umurimo nyakuri w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi mu cyerekezo gifatika cy'ubutumwa bwiza ni uwuhe? Nimureke aho tujya hose tubwire abantu iby'ubugingo buhoraho, nk'uko bivugwa mu Ijambo ry'Imana. Abantu bumvira iri Jambo, bagaha Imana icyubahiro kiyikwiriye, bazagaragariza mu migirire yabo ko bazi ibigize umurimo nyakuri w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi. Inarijye ikwiriye gucishwa bugufi aho kwererewe. ... Ni iby'agaciro kenshiko abantu bose bavugako basobanukiwe n'umurimo w'ivugabutumwa bwiza rishingiye ku buvuzi bigisha abantu amahame y'ukuri.¹¹³⁴

ISANO UBUVUZI BUFITANYE N'UMURIMO W'IBWIRIZABUTUMWA

Ubuuvuzi Butuma Ibwirizabutumwa Ritanga Umusaruro Inshuro Ebyiri: Abantu bamwe ntibasobanukirwa rwose n'akamaro k'uko

¹¹³² Review and Herald, Aug. 3, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

¹¹³³ Manuscript 33, 1901.

¹¹³⁴ Manuscript 126, 1905.

abamisiyoneri baba abavugabutumwa bifashisha umurimo w'ubuvuzi. Umubwiriza w'ubutumwa bwiza azaba ingirakamaro incuro ebyiri mu murimo we niba asobanukiwe n'uburyo bwo kuvura indwara. ... Umubwiriza w'ubutumwa bwiza, akaba n'umubwirizabutumwa wifashisha ubuvuzi ushobora kuvura uburwayi bw'umubiri, aba umukozi utanga umusaruro cyane kurusha umubwirizabutumwa utazi kubikora. Umurimo akora nk'umugabura w'ubutumwa bwiza uba urushijeho kuzura.¹¹³⁵

Imirimo Idakwiriye Gutandukanywa: Umurimo w'ivugabutumwa ryifashisha ubuvuzi ntukwiriye gutandukanywa n'umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza. Uwiteka yabisobanuye neza ko iyo mirimo yombi komatana nk'uko ukuboko kudatandukana n'umubiri. Igihe hatabayeho komatana kw'iyi mirimo yombi, umwe muri yo ntuba wuzuye. Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ni ubutumwa bwiza bushyizwe mu ngiro.¹¹³⁶

Imigambi Uwiteka Afitiye Umurimo Ukubiye Hamwe: Ariko rero ubukene isi ifite muri iyi minsi ntibwabonerwa igisubizo ku buryo bwuzuye bivuye ku murimo w'abagaragu b'Imana bahamagariwe kubwiriza ubutumwa bwiza ku baremwe bose. Nubwo igihe bishobotse cyose ari byiza ko abakozi babwiriza ubutumwa bwiza bamenya uburyo bwo gutanga ubufasha umubiri n'ubugingo bikeneye ari nako bakurikiza urugero rwa Kristo, nyamara kandi ntibakwiriye kumarira igihe cyabo n'imbaraga zabo mu guhembura abakeneye ubufasha. Uwiteka yategetse ko abantu babwiriza Ijambo ry'Imana bakwiriye gufatanya n'abakozi bavuga ubutumwa bifashishije ubuvuzi ari bo baganga n'abaforomo b'Abakristo bahwe amahugurwa yihariye mu byerekeye kuvura indwara no kuzana abantu kuri Kristo.¹¹³⁷

Abamisiyoneri Bakora Umurimo w'Ubuuvuzi ni Abavugabutumwa: Abaganga bakwiriye kujya bibuka ko ibihe byinshi bazajya basabwa gukora imirimo y'abavugabutumwa. Abamisiyoneri bakora umurimo wo kuvura baza bayobowe n'abavugabutumwa. Abakozi bakwiriye kujya bagenda ari babiri babiri, kugira ngo bafatanye gusenga no kugirana inama. Nti hazagire ubwo bohereza umuntu umwe wenyine. N'Umwami wacu Yesu Kristo yatumye intumwa ze babiri babiri ngo bajye mu mijyi yose ya Isirayeli. Yabahaye inshingano ati: "Mukize abarwayi bawurimo, mubabwire muti: 'Ubwami bw'Imana burabegereye.'" Luka 10:9.

Twigishwa n'Ijambo ry'Imana ko umubwirizabutumwa ari umwigisha. Akwiriye kandi kuba n'umuvuzi w'umubwirizabutumwa. Ariko bose ntibahabwa umurimo umwe. "Nuko aha bamwe kuba intumwa ze; abandi kuba abahanuzi; n'abandi kuba ababwiriza ubutumwa bwiza; n'abandi kuba abungeri n'abigisha; kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo." (Abefeso 4:11-12). ...

1135 *Medical Ministry*, p. 245. (1901).

1136 *Testimonies*, Vol. 6, pp. 240, 241. (1900) [Ibiamya].

1137 *Counsels to Teachers*, p. 468. (1913).

Abantu bakora nk'abagabura muri za misiyoni na Konferanse zacu bakwiriye kumenya ibyerekeye umurimo wo kwita ku barwayi. Nta mugabura ukwiriye guterwa ishema n'uko nta kintu azi mu mwanya yagombye kuba ari umunyabwenge. Umurimo w'ivugabutumwa ryifashisha ubuvuzi uhuza umuntu na bagenzi be kandi ukamuhuza n'Imana. Kugaragaza umwuka w'impuhwe n'icyizere ntibikwiriye gukomwa mu nkokora n'igihe cyangwa ahantu umuntu ari.¹¹³⁸

Uburangare mu Bagabura bacu: Kuri iyi si yacu hari abakozi b'Abakristo benshi batarumva ukuri guhebuje kandi gutangaje twahawe. Bene abo bakora umurimo mwiza bakurikije umucyo bafite, kandi abenshi muri bo bafite ubumenyi bwinshi bukenewe mu murimo kurenza bamwe babonye umucyo mwinshi kandi bagize amahirwe menshi.

Uburangare no kutagira icyo bitaho byagiye biba mu bagabura bacu ku byerekeye ivugurura mu by'ubuzima n'umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi, buratangaje. Abantu bamwe batari Abakristo usanga bubaha izo ngingo zombi mu buryo bukomeye kurenza uko bamwe mu bantu bacu babigenza, kandi nitudukanguka bazadusiga.¹¹³⁹

Perezida wa Konferanse na we Akwiriye Kubyitaho: Ubu turasaba abantu bazatorerwa kuba abaperezida ba za Konferanse/Filidi zacu kugira ngo bazashyire intangiriro nziza ahantu hataragira ikintu kihakorwa. Muzirikane ko umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ari ukuboko kw'Imana gufasha umurimo wayo. Kubera ko ari igikoresho yishyiriyeho, uyu umurimo ugomba kugira umwanya wawo kandi ugashyigikirwa. Abavugabutumwa bifashisha ubuvuzi bakwiriye guterwa umwete no gushyigikirwa nk'abavugabutumwa bose babihereye uburenganzira. Mukwiriye gufatanya n'abo bakozi gusenga, kandi mukabagira inama igihe cyose bayikeneye. Ntimugacogozwe ishyaka n'imbaraga byabo. Ushingiye ku bwitange bwawe n'umuhamagaro wawe, kora uko ushoboye kose ubashyire imbere urugero ruhanitse bakwiriye kugeraho. Uruzabibu rw'Uwiteka rukeneye abakozi cyane, bityo nta jambo ry'urucantege rikwiriye kubwirwa abo bantu bitangira gukora uwo murimo.¹¹⁴⁰

Umunyamabanga wa Konferanse Ushinzwe Umurimo w'Ivugabutumwa Rishingiye ku Buvuzi: Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ugomba kuba womatanye rwose n'umurimo wo kubwiriza. Abantu bakwiriye gushyirwaho ngo bakore uyu murimo bagomba kuba baragaragaje ko ari abiringirwa, kandi b'indahemuka ihame bagomba gukurikiza. Muri buri Konferanse hakwiriye gutoranywa umuntu umwe ushobora kureba kure. Akwiriye kuba ari umuntu ufite ibihamya ko agira umutima uzirikana, akaba ari umuntu udukebakaba igihe akorana

¹¹³⁸ *Medical Ministry*, p. 249, 250. (1901).

¹¹³⁹ *Testimonies to Ministries*, p. 416, 417. (1898).

¹¹⁴⁰ *Medical Ministry*, p. 240, 241. (1901).

n'ab'isi ndetse n'abizera. Akwiriye kutarangwaho kwifuza indamu mbi no kwikanyiza.¹¹⁴¹

Kwirinda Umurimo Utandukanyijwe n'indi: Uko umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ugenda urushaho kwaguka, ni ko hazabaho n'igishuko cy'uko za konferanse zacu zitwara nk'izigenga. Ariko neretswe ko iyo mikorere atari myiza. Amashami atandukanye y'umurimo wacu nta kindi ari cyo uretse kuba imigabane itari imwe y'umurimo umwe mugari. Ayo mashami afite izingiro rimwe....

Mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, Uwiteka akoresha ibikoresho bitandukanye, kandi nta kintu na kimwe gikwiriye kwemererwa gutandukanya ibyo bikoresho. Nta n'ubwo ivuriro rikwiriye gushingwa nk'ikigo cyigenga gitandukanye n'itorero. Abaganga bacu bakwiriye gufatanya umurimo n'abagabura b'ubutumwa bwiza. Binyujijwe mu murimo bakora, ubugingo bw'abantu buzakizwa kugira ngo izina ry'Imana rihabwe ikuzo. ...

Imana ntiyagennye ko umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi wasenya umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Ukuboko ntigukwiriye guhinduka umubiri wose. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu ni ubutumwa bwiza bwagenewe iminsi ya nyuma, kandi ntibukwiriye gupfukiranwa n'izindi nyungu cyangwa ngo buteshwe agaciro. Igihe mu bigo byacu hari ikintu gishyizwe hejuru y'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ubutumwa bwiza ntabwo aba ari bwo mbaraga iyobora aho hantu.¹¹⁴²

Umurimo w'Ubuwuzi mu Ivugabutumwa Ntugomba Gusimbura Ivugabutumwa Ubwaryo: Umurimo w'ubuvuzi mu ivugabutumwa ntugomba gusimbura umurimo wo kuvuga Ijambo ry'Imana. Kandi ntukwiriye kumara amikoro yagombaga gukoreshwa mu gushyigikira umurimo w'Uwiteka ukorwa mu bihugu by'amahanga. Aho amafaranga azi mu bubiko yaturuka hose, ni ay'Uwiteka, kandi ntakwiriye gukoreshwa cyane mu kuzamura amagorofa muri Amerika. Impano zatanze n'abantu ntizikwiriye kurigitira mu bikorwa bitanga umusaruro muke. Ukuri kugomba kubwirizwa kugira ngo inzira y'Uwiteka itegurwe. Impanda igomba kuvuga ijwi ryumvikana neza.

Umurimo w'ubuvuzi mu ivugabutumwa ugomba guha umwanya umurimo wo kubwiriza Ijambo. Agasuzuguro ntigakwiriye kuvugwa mu byerekeye kwamamaza Ijambo ry'Imana. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu ntibukwiriye kunigwa kugeza ubwo bunogonoka.¹¹⁴³

Umurimo Uheruka w'Ibwirizabutumwa: Ndifuzwa kubabwira yuko bidatinze nta murimo uzakorwa mu byerekeye ubugabura uretse umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi. Umurimo w'ubupasitoro ni

1141 Letter 139, 1898.

1142 Testimonies, Vol. 6, p. 235-241. (1900).

1143 Manuscript 177, 1899.

ukugabura ubutumwa. Abagabura bacu bakwiriye kugira icyo bakora kuri gahunda yo kwamamaza ubutumwa bwiza.....

Ntimuzigera muba abagabura bakurikiza gahunda yo kwamamaza ubutumwa bwiza igihe cyose mutaragaragaza rwose ko mwitaye ku murimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi, ari bwo butumwa bwiza bwo gukiza indwara, guhesha abantu umugisha no kubakomeza.

Amabwiriza nahawe n'Umwami wacu ni yo atumye ngira ubutwari bwo guhagarara muri mwe nkavuga nk'uko ndiho mvuga, ntitaye ku kuntu mushobora gufata umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi. Ndashaka kubabwira yuko umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ari umurimo w'Imana. Uwitaka yifuza ko buri wese mu bagabura bamukorera yajya muri uwo murongo. Nimukore umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi bityo uzatuma mushobora kugera ku bantu. Uko muzabunganira mu byo bakeneye, ni ko imitima yabo izakorwaho. Uko muzajya muborohereza ububabare bw'umubiri bafite, ni ko muzaboneraho kubabwira urukundo rwa Yesu.¹¹⁴⁴

UBURYO BW'IMYIGISHIRIZE BWOROSHYE

Kristo Yerekanye Uburyo bwo Gufasha Ikiremhamuntu: Soma ibyanditswe bivuga uko Umukiza yagaburiye imbaga y'abantu udusate tw'umutsima dutanu n'amafi abiri. . . . Uku gukemura ubukene bw'igihe gito buvuye ku mpuhwe bwafashije gushimangira mu bwenge bw'abantu amagambo meza y'ukuri yari yababwiye. . .

Muri iki gitangaza Kristo yerekanye ukuntu umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ugomba kuba isanga n'ingoyi n'umurimo wo kubwiriza Ijambo ry'Imana. Abigishwa be bagombaga gufata umutsima w'ubugingo n'amazi y'agakiza maze bakabiha abantu bifuzaga cyane ubufasha mu by'umwuka. Kandi uko byari kuba bikenewe, bagombaga kugaburira abashonji kandi bakambika abambaye ubusa. Uko ni ko bagombaga gukorera Shebuja umurimo w'uburyo bubiri. Ubwiza n'akamaro k'umurimo dukorera Imana bishingiye mu kuwukora mu burunganire n'ubwuzuzanye ndetse ukanakorwa mu buryo butaruhanya kandi butanga umusaruro.¹¹⁴⁵

Egera Abantu Bababaye: Kristo yadusigiyeho urugero, yatubwiye ko dukwiriye kugera ikirenge mu cye. Iteka ryose yahoraga yegera abantu bakeneye ubufasha kurusha abandi, ab'impehamajyo, kandi kubwo gukururwa n'impuhwe ze, barazaga bakamwegera. Yahumurizaga umuntu wese wabaga ababazwa, uwabaga akennye cyane, n'umutima urembejwe n'ibyaha ku buryo atazongera gushaka Muganga Mukuru ngo amuhe ubufasha mu by'umwuka. Usanga twebwe duhagarara kure cyane y'abantu bafite ububabare. Nimutyo twegere Kristo kugira ngo ubugingo bwacu bwuzuzwe ubuntu bwe, kandi twuzure n'icyifuzo cyo kugeza ubwo buntu ku bandi.¹¹⁴⁶

¹¹⁴⁴ *Counsels on Health*, p. 533. (1901).

¹¹⁴⁵ *Manuscript 5*, 1901.

¹¹⁴⁶ *Letter*, 17, 1903.

Uburyo Bwiza mu Mikorere: Dukwiriye kwibuka ko umurimo wo kugera ku mitima y'abantu udashobora gukorwa mu buryo bumwe gusa. Umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza ushingiye ku buvuzi ugomba gukorwa ukajya mbere, ariko hadakurikijwe uburyo bwashyizweho n'umuntu umwe, ahubwo ugakorwa hakurikijwe ubwashyizweho na Kristo. Igikorwa cyose kigomba kuba kiriho ikimenyetso cy'Umwuka Wera. Dukwiriye gukora nk'uko Kristo yakoraga, tugakora ibintu bifatika nk'uko yagenzaga. Nibigenda bityo, tuzaba amahoro.

Inshingano yatanzwe n'Imana ntikeneye kuvugururwa. Uburyo Kristo yakoresheye yigisha abantu ukuri ntibukeneye kunozwa cyangwa kunonosora. Umukozi ugerageza kuzana ubundi buryo bw'imikorere buzatuma yireherezaho abantu bafite intekerezo zatwawe n'iby'isi, agatekereza ko ibyo bizavanaho ibitekerezo bumva bafite bijyana no kwikorera umusaraba, bene uyu aba agabanya ubushobozi bwe bwo guhindura abantu. Komera ku kubaha Imana kurangwa no kwiyoroshya.¹¹⁴⁷

Abakozi Bigishijwe Gutanga Ubuvuzi bw'Ibanze: Nimutyo abagabura bacu bafite ubunararibonye mu kubwiriza Ijambo ry'Imana bige uburyo bwo gutanga ubuvuzi bw'ibanze, hanyuma bajye kubwiriza ubutumwa bifashishije umurimo w'ubuvuzi. Muri iki gihe hakenewe abakozi b'ababwirizabutumwa bwiza bifashisha ubuvuzi.¹¹⁴⁸

Kwigisha Amahame Yerekeye Ubuzima Buzira Umuze: Abagabura b'ubutumwa bwiza bakwiriye kandi kuba bashobora kwigisha abantu amahame yerekeye ubuzima buzira umuze. Ahantu hose hari indwara kandi inyinshi muri zo zagombye kwirindwa haramutse habayeho kwita ku mategeko agenga ubuzima. Abantu bakeneye kumenya uburemere amahame yerekeye ubuzima afite kugira ngo bagire imibereho myiza, atari muri ubu buzima bwa none gusa ahubwo no ku buzima buzaza. Bakeneye gukangurirwa ibyerekeye inshingano yabo yerekeye aho umuntu agomba gutura yagenewe n'Umuremyi we, ari naho uyu Muremyi agomba gutura, kandi akaba yifuza ko bahabera ibisonga bikiranuka.

Abantu ibihumbi byinshi bakeneye guhabwa amabwiriza yerekeye uburyo bworoshye bwo kuvura umurwayi, kandi ubwo buryo buragenda busimbura gukoresha imiti y'uburozi. Kumenya ubwo buryo babyakirana ibyishimo. Hakenewe cyane gutanga inyigisho zerekeye ubugorizi n'ivugurura mu mirire. Ingeso mbi mu mirire no kurya ibyokurya byangiza ubuzima ni byo nyirabayazana yo kutirinda, ubwicanyi n'ubugome byujuje isi umuvumo ku rwego rukomeye.

Mu kwigisha amahame yerekeye ubuzima, bwira abantu umugambi ukomeye y'ivugurura, ubabwire ko umugambi waryo ari uwo gutuma umubiri, intekerezo n'ubugingo bikura bikagera ku rwego ruhanitse. Ereka abantu ko amategeko agenga ibyaremwe ari amategeko yashyizweho

1147 Letter 123, 1903.

1148 Manuscript 141, 1903.

n'Imana; kandi ko yayashyiriyeho kutugirira neza. Ereka abantu ko kumvira ayo mategeko bizana umunezero mu buzima turimo, kandi bigafasha kwitegura ubuzima buzaza.

Shishikariza abantu kwiga ibyerekeye uyu mubiri waremwe mu buryo butangaje, ngo bamenye imikorere yawo n'amategeko ukurikiza. Abantu babona neza ibihamya by'urukundo rw'Imana, bakagira icyo basobanukirwa cyerekeye ubwenge bwayo, n'ibyiza biva mu mategeko yayo, ndetse n'umusaruro uva mu kuyumvira, bazagera aho babona inshingano yabo mu buryo butandukanye n'uko bayibonaga. Aho kubona ko gukurikiza amategeko agenga ubuzima bisaba kwitanga cyangwa kwiya, ahubwo bazabona ayo mategeko nk'uko ari, babone ko ari umugisha ntagereranywa.

Buri mwigisha w'ubutumwa bwiza akwiriye kumva ko kwigisha abantu amahame yerekeye ubuzima buzira umuze ari umugabane umwe w'umurimo yahamagariwe. Uyu murimo urakenewe cyane kandi isi yose irawutegereje.¹¹⁴⁹

Kwigisha Abantu Guteka Ibyokurya Bitera Ubuzima Bwiza: Hakwiriye gushingwa amashuri yigisha ibyo guteka, kandi buri rugo rukwiriye kwigishwa iby'ubuhanga bwo guteka indyo itera ubuzima bwiza. Abakuru n'abato bakwiriye kwiga guteka mu buryo bworoheje cyane. Ahantu hose higishijwe ukuri kw'Ijambo ry'Imana, abantu bakwiriye kwigishwa uburyo bwo gutekura amafunguro mu buryo bworoheje ariko butuma umuntu ubonye ibyo byokurya agira ubwuzu bwo kurya. Bakwiriye kwerekwa yuko bashobora guteka ibyokurya bikungahaye ku ntungamubiri badakoresheje inyama.

Igisha abantu basobanukirwe yuko ibyiza ari ukumenya kwirinda kuruta uko bamenya kwivuza. Abaganga bacu bakwiriye kuba abigisha babanyabwenge, bakaburira abantu bose kwirinda gukabya mu mirire n'iminywere, kandi bakabereka ko kwirinda ibintu Imana yabuzanyije ari yo nzira imwe rukumbi yo kwirinda kurimbura umubiri n'intekerezo.¹¹⁵⁰

Akamaro k'Amashuri Yigisha Guteka: Amashuri yigisha guteka akwiriye gushingwa ahantu henshi. Uyu murimo ushobora gutangira mu buryo bworoshye, ariko uko inzobere mu byo guteka zizajya zikora uko zishoboye zikigisha abandi, Uwiteka azabaha ubwenge no kujijuka. Ijambo ry'Uwiteka rivugaga riti, "Ntimubabuze, kuko jyewe ubwanjye nzabihishurira, nk'Umwigisha wabo." Uwiteka azakorana n'abantu bashyira mu bikorwa imigambi ye, bakigisha abantu uko bagira ivugurura mu mirire yabo binyuze mu gutekura ibyokurya bitagira ingaruka ku buzima kandi bihendutse. Nibiba bityo, n'abakene bazashishikarizwa gukurikiza amahame y'ubugorizi mu by'ubuzima; bazafashwa guhinduka abanyamwete no kwigira.

¹¹⁴⁹ *Counsels on Health*, p. 389, 390. (1914).

¹¹⁵⁰ *Testimonies*, Vol. 9, p. 161.

Neretswe ko abagabo n'abagore bazi ubwenge kandi bashoboye bigishwaga n'Imana uburyo bwo guteka ibyokurwa byiza bidafe ingaruka ku mubiri kandi biryoshye mu buryo bwemewe. Abenshi muri bo bari bakiri bato kandi harimo n'abakuze. Nahawe amabwiriza yo gushyigikira amashuri yigisha guteka ahantu hose hakorerwa umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi. Ikintu cyose cyarehereza abantu ku kugira ivugurura [mu mirire] gikwiriye gushyirwa imbere yabo. Nimutyo bamurikirwe n'umucyo mwinshi ku rwego ruhanitse. Nimubigishe gukora uko bashoboye kose kugira ngo banoze imitegurire y'amafunguro yabo, kandi mubashishikarize kugeza ibyo bigishijwe ku bandi.¹¹⁵¹

Kujya Kwigisha Abantu Guteka uva mu Rugo, Ujya mu Rundi: Abantu bamwe bashobora gukora umurimo wo kuva mu rugo bajya mu rundi bigisha ubuhanga bwo guteka ibyokurya bitera kugira amagara meza. Abantu benshi cyane bazarokoka ubuhenebere bw'umubiri, ubwenge n'ubw'imico mbonera babikesheje imbaraga y'ubugorozi mu by'ubuzima. Ayo mahame aziyumvikanisha ubwayo ku bantu bashaka umucyo; kandi bene abo bazatera intambwe bakire ukuri kuzuye kwagenewe ab'iki gihe.¹¹⁵²

Igisha Abantu, Igisha Abantu, Igisha Abantu: Tugomba kwigisha, tukigisha, tukigisha, kandi tukigisha twishimye kandi tukigishanya ubwenge. Tugomba kubwiriza abantu ukuri, tugasenga mu kuri, kandi tukagenda mu kuri, tukakugeza ku bantu batakuze kwambaye imbaraga zako zitanga ubuzima buzira umuze. Abarwayi nibashyirwa Umutangabugingo bakabonana nawe, ubushobozi bwabo bw'umubiri n'ubw'intekerezo bizagirwa bishya. Ariko kugira ngo ibyobibeho, bagomba kurangwa no kwigomwa, kandi bakirinda mu bintu byose. Nibabigenza batyo gusa nibwo bazabasha gukizwa urupfu rw'umubiri n'urw'umwuka, maze bahemburwe basubizwe ubuzima.

Igihe imyanya y'umubiri w'umuntu ikora itabusanya na gahunda itanga ubuzima Imana yashyizeho nk'uko igaragarira neza mu butumwa bwiza, indwara ziratsindwa maze ubuzima bukagarura ubuyanja mu buryo bwihuse. Iyo abantu bakorana na Nyirubugingo watanze ubugingo bwe kugira ngo babeho, intekerezo zabo zuzura ibyishimo. Umubiri, umwuka n'ubugingo birezwa. Abantu bamenya iby'Umwigisha mukuru, kandi ibyo bareba byose bituma intekerezo zabo zikungahara maze zigahinduka inyamibwa. Ibibarimo byose biranzezerwa maze bikabatera gushima Umuremyi wabo. Imibereho y'umuntu wahinduwe mushya agasa na Kristo, imeze nk'umucyo umurikira mu mwijima.¹¹⁵³

Imiterere Yagutse y'Umurimo: Mu byerekeye kwitwara ku bagaragara ko ari abanyanteye nke harimo ubuhanga. Niba dushaka kwigisha abandi, dukwiriye kubanza kwigishwa na Kristo. Dukeneye kugira imyumvire

1151 *Testimonies*, Vol. 7, p. 113, (1902).

1152 *Review and Herald*, June 6, 1912. [Urwibutso n'Integuza].

1153 *Medical Ministry*, p. 262, 263. (1905).

yagutse kugira ngo tubashe gukora umurimo nyakuri w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi....

Tugomba kurangwa n'ubushishozi igihe twigisha abantu twibwira ko nta cyo bazi kandi basa nk'aho bayobye inzira. Dukoresheje umuhati udacogora mu kubitaho, tugomba kubafasha bagahinduka ingirakamaro mu murimo w'Uwitaka. Bazahita bitabira gukora umurimo urangwa no kwihangana, kugira neza no kuwukorana urukundo.

Tugomba gukorana n'Umwami Yesu mu murimo wo kuzahura abatagize icyo bashoboye n'abayobye tukabagarura ku kugwiza ubwenge n'ubutungane. Uyu murimo unganya agaciro n'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza.¹¹⁵⁴

UBUTUMWA BURWANYA ITABI KANDI BUSHIMANGIRA KWIRINDA

Umuntu Yagurishije Intekerezo ze: Satani aragenda yigarurira isi binyuze mu kunywa inzoga n'itabi, icyayi n'ikawa. Ubwenge bwatanze n'Imana bwagombye kurindwa bugatungana, bwangizwa no gukoresha ibikabuzi. Usanga ubwonko butagishobora gutandukanya ibintu mu buryo butunganye. Umwanzi ni we usigaye abukoresha. Umuntu yagurishije intekerezo ze azigurana ibimuhindura umusazi. Ntabwo akimenya icyiza n'igitunganye. Nyamara umuvumo w'ibisindisha wahawe uburenganzira ndakumirwa, kandi inzoga zirimburira byinshi bitavugwa mu biganza by'abakunda gusayisha mu binyobwa bitarimbura ubikoresha gusa ahubwo bikagera no kubagize umuryango we bese.

Umuvumo uterwa n'ibinyobwa bisindisha ugaragazwa n'ubwicanyi bukabije buriho muri iki gihe. Kutirinda byabaye gikwira. Ntabwo uko avuga ukuntu ibyumviro by'umuntu byangirijwe n'ibiyobyabwenge bishyira uburozi mu mubiri!¹¹⁵⁵

Inshingano y'Ingenzi: Mu myaka yashize, twabonaga ko kwamamaza hose amahame yo kwirinda ari imwe mu nshingano zacu zikomeye. Ni nako bikwiriye kuba muri iki gihe.¹¹⁵⁶

Uburyo Bukoreshwa mu Kubwira Abantu Ubutumwa Bwerekeye Kwirinda: Icyigisho cyerekeye kwirinda gikwiriye kwigishanywa imbaraga no mu buryo bwumvikana neza. Reka abantu berekwe umugisha bazagira kubwo gushyira mu bikorwa amahame yerekeye ubuzima. Nimubereke uko Imana yagennye ko umugore n'umugabo bagomba guhinduka. Nimubereke igitambo gikomeye Imana yatanze kugira ngo inyokomuntu izahurwe kandi igire agaciro. Fata Bibiliya mu ntoki zawe maze ubabwire ibyo Imana ibasaba. Bwira abaguteze amatwi ko Imana yiteze ko bakoresha imbaraga z'ubwenge bwabo n'umubiri mu buryo buzayihesha icyubahiro,

¹¹⁵⁴ Medical Ministry, p. 208, 209. (1905).

¹¹⁵⁵ Manuscript 11, 1899.

¹¹⁵⁶ Medical Ministry, p. 266. (1907).

Bereke ukuntu umwanzi Sekibi ariho agerageza gusigingiza abantu akoresheje kubashora mu kwirundurira no gusayisha mu ipfa n'irari.

Mu buryo bwumvikana, bweruye kandi udakebakeba, bwira abantu uko abagabo n'abagore ibihumbi byinshi bakoresha amafaranga y'Imana mu kwiyangiza ubwabo no guhindura iyi si yacu gihenomu. Hari amadolari miliyoni nyinshi zikoreshe ku bintu bituma abantu bahinduka abasazi. Igisha abantu iby'iyi ngingo mu buryo bwumvikana neza ku buryo imbaraga ifite zigaragarira buri wese. Nurangiza, ubwire abaguteze amatwi iby'Umukiza wacu waje muri iyi si gukiza abagabo n'abagore ngo bareke imigenzereze y'ibyaha. "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Yohana 3:16.

Saba abaje mu materaniro bagufashe uwo murimo uri kugerageza gukora. Bereke ukuntu akamenyero kabi kagira ingaruka y'uburwayi bw'umubiri n'intekerezo, kakabyara kwangirika k'umubiri mu buryo kutarondorwa. Kunywa inzoga zikomeye cyane biragenda byambura abantu batabarika intekerezo zabo. Nyamara ikibabaje ni uko kuyigurisha byemewe n'amategeko. Bwira abantu ko hari ijuru bagomba gutsindira n'irimbukiro bagomba guhunga. Basabe gusinya indahiro. Ubutumwa wahawe na NDIHO ukomeye ni bwo bugomba kukuyobora. Tegura indahiro bararahira, maze amateraniro nahumuza uzibahe basinye.

Umuntu umwe ntakwiriye kugerageza gukora uyu murimo wenyine. Nimutyo abantu benshi bafatanye muri uyu murimo. Nibajye imbere y'abantu babazaniye ubutumwa buvuye mu ijuru, kandi bwujijwe imbaraga z'Umwuka Wera. Nibakoreshe imbaraga zabo zose, bafite ubushizi bw'amanga bahawe n'Umwuka Wera. Reka basabe ababateze amatwi kuzajya babafasha mu murimo wo kuburira abatuye mu mijyi. Nimwereke abagabo n'abagore akaga gaterwa no gukoresha amafaranga mu kwinezeza no gusayisha byangiza ubwenge, ubugingo n'umubiri...

Ntabwo ubwami bwa Kristo bushimangirwa no kwigaragaza kw'inyuma cyangwa gushyigikirwa n'ab'isi, ahubwo bushimangirwa n'uko kamere ya Kristo ishinze imizi mu muntu binyuze mu murimo w'Umwuka Wera. Intumwa Yohana aravuga ati: "Icyakora abamwemeye bese bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo ntibabyawe n'amaraso cyangwa n'ubushake bw'umubiri, cyangwa n'ubushake bw'umugabo, ahubwo babyawe n'Imana." (Yohana 1: 13-14). Muri we ni ho hari imbaraga imwe rukumbi ishobora kuzahura inyokomuntu. Kandi kugira ngo uyu murimo usohozwe, icyo umutnu agomba gukora ni ukwigisha no kubwiriza abantu Ijambo ry'Imana.¹¹⁵⁷

Ibyabaye mu Gufasha Abanywa Itabi: Muri Australiya nahahuye n'umugabo wari wirindaga ibintu byose uretse ingeso imwe yo kunywa itabi. Yaje kumva ubutumwa tubwiriza mu iteraniro ryaberaga mu ihema,

¹¹⁵⁷ Manuscript 42, 1905.

maze nyuma y'ijoro rimwe agarutse avuye iwe, yaje kutubwira ko yarwanaga n'ingeso yo kunywa itabi, kandi koyayitsinze akiyemeza kurivaho. Bamwe muri bene wabo bari baramubwiye ko naramuka aretse itabi bazamuha amapawundi (amafaranga y'Abongereza) agera kuri mirongo itanu.¹¹⁵⁸ Ntabwo yari yarashoboye kurireka. Yaravuze ati: "Ariko igihe mwigishaga iby'amahame yerekeye kwirinda nk'uko mwabigenje, numvise ntashobora kuyarwanya ngo nyirengagize. Mwatwigishije ibyo kwiya k'Uwatanze ubugingo bwe ku bwacu. Ubu sindamumenya, ariko ndifuza kumumenya. Kuva nabera sindigera mfata umwanya ngo nsenga Imana mu rugo iwanjye. Itabi nanywaga naritaye ndarireka, ariko icyo ni ikintu gikomeye nakoze."

Twafatanyije na we gusenga, kandi hanyuma tumaze gutandukana twaje kumwandikira ndetse nyuma yahoo twongeye kumusura. Yaje kugera ku rwego rwo kwiye gurira Imana, kandi ubu aragenda ahinduka inkingi ikomeye yo mu itorero ry'aho atuye. Ubu arakora umurimo n'umutima we wose kugira ngo bene wabo bamenye ukuri.¹¹⁵⁹

Kugera ku Ntsinzi Binyuze mu Kwizera: Muri uyu murimo dukora, abantu b'inzego zose bazagerwaho. Iyo Umwuka Wera akorera muri twe, abantu batiteguye gusanganira Kristo ugiye kugaruka bumva batsinzwe mu mitima ko ari abanyabyaha. Abantu benshi bamaze imyaka myinshi batigera bitabira amateraniro y'itorero iryo ari ryo ryose, barahinduka bakihana. Ukuri mu koroha kwako kwinjira mu mitima yabo. Abantu babaswe n'itabi rikabahindukira ikigirwamana, noneho bararireka kandi n'ababaswe n'ibisindisha bakabisezeraho. Ibyo ntibajyaga kubikora iyo kubwo kwizera badafata bakomeje amasezerano y'Imana yo kubababarira ibyaha. Ukuri nk'uko kwanditswe mu Ijambo ry'Imana kugera imbere y'abakomye n'aboroheje, abakire n'abakene, kandi abantu bakiriye ubutumwa na bo bahinduka abakozi bakorana natwe ndetse n'Imana, ndetse bagahabwa imbaraga ikomeye kugira ngo bakore mu bwuzuzanye.¹¹⁶⁰

UMURIMO W'IVUGABUTUMWA RISHINGIYE KU BUVUZI MU MIYI

Kuva mu Mudugudu Ujya mu Wundi no Kuva mu Muji Ujya mu Wundi: Kristo, Intumwa y'isezerano, yazaniye inkuru nziza y'agakiza abantu bose, baba abakire n'abakene, imbata n'ab'umudendezo. Mbega ukuntu abantu benshi bazaga bamusanga! Baturukaga hafi na kure bakamusanga kugira ngo abakize indwara, kandi yarabakizaga bose. Inkuru ye y'uko ari Umuvuzi Ukomeye yari yaramamaye muri Palesitina hose, guhera i Yerusalemu ukageza mu gihugu cya Siriya. Abarwayi bazaga kumutegera ku nzira aho bakekaga ko ashobora kunyura, kugira ngo bamutakambire bamusaba kubafasha, maze akabakiza indwara zabo zose. Aho yabaga ari kandi hazaga abantu b'abakire babaga bafite ubwuzu bwo kumva amagambo ye no kugira ngo abakozeho ikiganza. Uko ni ko

¹¹⁵⁸ Amapawundi 50 angana n'amafaranga y'U Rwanda hafi ibihumbi mirongo itanu na birindwi. [Aka ni agaciro ka Banki Nkuru y'U Rwanda ko kuwa 19/07/2018].

¹¹⁵⁹ General Conference Bulletin, April 23, 1901.

¹¹⁶⁰ Manuscript 3, 1899.

Umwami w'icyubahiro wicishije bugufi akambara umubiri w'ikiremhamuntu yavaga mu mudugudu ajya mu wundi, akava mu mujyi akajya mu wundi, abwiriza abantu ubutumwa bwiza kandi agakiza abarwayi.¹¹⁶¹

Guhamagara kw'Imana Muri iki Gihe: Ntabwo Imana iri guhamagara abapasitoro gusa, ahubwo iranamagaza abaganga, abaforomo, ababwiririshabutumwa ibitabo, abigisha ba Bibiliya, n'abandi bakorerabushake bafite impano zitandukanye basobanukiwe Ijambo ry'Imana, kandi imbaraga y'ubuntu bwayo kugira ngo bazirikane ubukene bw'imijyi itaraburiwe. Igihe kirihuta vuba kandi hari byinshi bigomba gukorwa. Buri mukozi wese yagombye guhaguruka kugira ngo amahirwe dufite muri iki gihe abashe gukoreshwa neza biruseho.¹¹⁶²

Urugi Rwinjiza mu Ngo z'Abatuye mu Mijyi: Umurimo w'ivubutumwa rishingiye ku ubuvuzi ni urugi ukuri kugomba kunyuramo maze kukinjira mu ngo nyinshi z'abatuye mu mijyi. Muri buri mujyi hazabonekamo abantu bazishimira ukuri k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu.¹¹⁶³

Muri buri Mudugudu Hakwiriye Ivuna: Amahame yerekeye ubugorozi mu by'ubuzima akwiriye kwamamazwa ahantu hose kuko ari umugabane umwe ugize umurimo wo kwamamaza ubutumwa muri iyo mijyi. Ijwi ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu rikwiriye kumvikana rifite imbaraga. Nimutyo inyigisho zerekeye ivugurura mu by'ubuzima zihabwe umwanya muri buri vuna rikozwe ngo rishyire umucyo w'ukuri imbere y'abantu. Nihatoranywe abakozi bafite ubushobozi bwo kwigishanya ukuri ubwenge, mu mvugo yumvikana kandi yoroshye.¹¹⁶⁴

Ntaho Turageza Umurimo: Twasigaye inyuma cyane mu gukora umurimo twagombye kuba twarakoze muri iyo mijyi imaze igihe kirekire yarirengagijwe. Muri iki gihe umurimo uzarushaho gukomera kurenza uko byari biri mu myaka mike ishize. Ariko niduhaguruka tugakora umurimo mu izina ry'Umwami wacu, inzitizi zizavanwaho, maze tugere ku ntsinzi zikomeye.

Muri uyu murimo hakenewe abaganga n'abagabura b'ubutumwa bwiza. Dukwiriye gutakambira Imana kandi tugakora uko dushoboye kose, tugakoresha n'imbaraga zacu zose kugira ngo tubone inzira yanyuzwamo ubutumwa bukinjira mu mijyi minini. Iyaba mu gihe cyashize twarakoze dukurikije gahunda y'Uwiteka, hari imuri nyinshi zagombye kuba zimurika zirabagirana cyane.¹¹⁶⁵

Ubutumwa Bwerekeye Ubuzima no Kwirinda Bugomba Kubwirwa Imbaga: Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa wo kugeza ku bantu amahame yerekeye ubugorozi mu by'ubuzima. Hakwiriye gukorwa

1161 *Review and Herald*, July 23, 1914. [Urwibutso n'Integuza].

1162 *Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 102.

1163 *Counsels on Health*, p. 566. (1906).

1164 *Medical Ministry*, p. 304. (1910).

1165 *Medical Ministry*, p. 301, 302. (1909).

amateraniro abera mu ruhame kugira ngo iyo nsanganyatsiko ibwirwe abantu, kandi hakwiriye kubaho amashuri aho abantu bafite ubwuzu bashobora kubwirwa by'umwihariko mu buryo bwimbitse ibyerekeye ibiribwa bitera umuntu kugira amagara mazima, ndetse n'uburyo bwo gutegura indyo nziza, irimo intungamubiri zihagije kandi itera umuntu ipfa, bitabaye ngombwa gukoresha inyama, icyayi cyangwa ikawa

Cengeza mu bantu ingingo yo kwirinda ukoresheje imbaraga zose wahawe n'Umwuka Wera. Erekanwa uburyo abantu bakeneye kwirinda rwose ibinyobwa bisindisha. Erekanwa kwangirika guteye ubwoba kuba ku mubiri w'umuntu bitewe no kunywa itabi n'inzoga. Basobanurire uburyo bukoreshwa mu rwego rwo kuvura abazahajwe na byo. Reka ibiganiro bitangwa bibe biteye ku buryo bijijura abaguteze amatwi. Imana ifitiye imbabazi abakiranirwa. Iki gikorwa kizaba uburyo bwo kubwira abantu icyo ivugurura mu by'ubuzima ari cyo by'ukuri.¹¹⁶⁶

Hafi y'Imidugudu Minini Hakwiriye Kubakwa Ibitaro: Uwiteka yanyeretse ko hafi y'imidugudu myinshi minini hakwiriye kubakwa ibitaro. ... Hakwiriye kubakwa ahantu heza dushobora kuzana abarwayi n'imbabare zivuye mu mijyi ituwe n'abantu batazi Abadiventisiti kandi bazi bike cyane byerekeye ukuri kwa Bibiliya. Hakwiriye gukoreshwa imbaraga zishoboka zose kugira ngo abarwayi basobanurirwe ko indwara zishobora kuvurwa hakoreshejwe uburyo bworoheje aho kwitabaza imiti yangiza ubuzima. Abarwayi bakwiriye gutandukanywa n'ibintu byangiza bibazengutse ndetse n'abo bifatanyaga nabo babateza akaga, ahubwo bagashyirwa mu mavuriro yacu aho bashobora kuvurwa n'abaganga n'abaforomo n'abaforomokazi b'Abakristo, bityo bikababera amendeze yo kwigishwa Ijambo ry'Imana.¹¹⁶⁷

Gushyiraho Ahantu Shingiro Ubutumwa Bugomba Kuja Buturuka: Imana yifuza ko imbaraga nshya zakoreshejwe ahantu henshi kandi hakubakwa ibigo bito. Hakwiriye gukorwa umurimo ugomba gufungurira inzira iterambere ry'ubutumwa bw'ukuri, kandi uwo murimo nukorwa uzongera kwizera mu bantu. ...

Hari ahantu henshi hagomba gukorwa umurimo, kandi ntidukwiriye guteganya gutangiza ibigo binini gusa ahantu hake ngo ni uko tubona ari heza. Uwiteka yampaye amabwiriza avuga ko tudakwiriye kubaka ibigo byinshi binini; kubera ko ahantu hose hatangijwe umurimo hakwiriye kurangwa ibigo [bito] byakwifashishwa kugira ngo umurimo ukorwe kandi ugere ku ntego. Kubera izo mpamvu ibigo binini kandi bike ntibikwiriye kwemererwa gukoresha amafaranga yose yinjiye. Mu mijyi mito n'iminini, ndetse no mu midugudu mito iri hanze y'imijyi, hakwiriye gushyirwa ibigo bito, aho abarinzi bakiranuka bazajya baba bakahakorera umurimo wo kugeza ubutumwa ku bantu. Ahantu hose umubwirizabutumwa agiye, umuhati akoresheje avuga ubutumwa ugomba gukurikirwa n'ishingwa ry'ibigo bito kugira ngo iterambere ry'umurimo wo kwamamaza ubutumwa

¹¹⁶⁶ Letter 343, 1901.
¹¹⁶⁷ Letter, 63, 1905.

rirushaho kwihutishwa. Igihe abagaragu b'Imana bazakora umurimo bashinzwe bakiranuka, Imana izakingura inzira maze ibyo bigo bito byubakwe ahantu henshi.

Mu nzira nyabagendwa no mu nzira nto hakwiriye kuvugwa ubutumwa mu mbaraga nyinshi. Ntabwo turi guteza imbere umurimo w'Imana dukurikije imigambi myiza ihebuje indi. Dukwiriye gutegura gahunda y'ibikorwa turema amatsinda mato mato mu bakozi bacu kugira ngo tubashe gukora ahantu hashya.¹¹⁶⁸

Imijyi yo mu Bihugu Byinshi: Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ni ukuboko kw'iburyo k'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Ni umurimo w'ingenzi kugira ngo umurimo w'Imana uje mbere. Uko abagabo n'abagore bazajya bayoborwa inzira ituma bamenya akamaro ko kwimenyereza ingeso nziza mu mibereho yabo, ni ko imbaraga ikiza y'ukuri izamenyekana. Abakozi bigishijwe gukora umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi bagomba kwinjira muri buri mujyi. Nk'ukuboko kw'iburyo k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, uburyo Imana yashyizeho bwo kuvura indwara buzafungura imiryango kugira ngo ukuri kwagenewe ab'iki gihe kwinjire. Ibitabo bivuga iby'ubuzima bikwiriye gukwirakwizwa mu bihugu byinshi. Abaganga bacu bo mu Burayi no mu bindi bihugu bakwiriye gukanguka bakabona ko ari ngombwa kugira imirimo y'ubuvuzi yateguwe n'abantu b'aho umurimo ukorerwa kandi bashobora gusanga abantu aho bari babashyiriye inyigisho z'ingenzi kuruta izindi.¹¹⁶⁹

IVUGABUTUMWA MU BIGO

Ibigo Byashingiwe Guteza Imbere Umurimo wo Kwamamaza Ubutumwa Bwiza: Kubwiriza abantu ubutumwa bwiza bisobanuye ibintu byinshi cyane birenze uko abantu babyiyumvisha. Ni umurimo mugari kandi ugera kure cyane. Neretswe ko ibitaro n'amavuriro byacu ari imiyoboro itanga umusaruro cyane mu guteza imbere umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza.¹¹⁷⁰

Kuvura Ubugingo bw'Abantu: Hari abantu bamwe bazakururwa n'icyiciro kimwe cy'ubutumwa bwiza, abandi bakururwe n'ikindi. Umwami wacu atwigisha ko tugomba gukora mu buryo buzatuma inzego zose z'abantu zigerwaho. Ubutumwa bugomba kugera ku bantu batuye isi bose. Ibitaro n'amavuriro byacu bigomba gufasha mu kongera umubare w'abagize ubwoko bw'Imana. Ntidukwiriye kubaka ibigo bike kandi bikabije kuba binini; kuko bibaye bityo ntibyashoboka ko tugeza ku barwayi ubutumwa bukiza ubugingo. Ahantu henshi hakwiriye kubakwa amavuriro n'ibigo nderabuzima bito.¹¹⁷¹

1168 Letter 30, 1911.

1169 Testimonies, vol. 7, p. 59. (1902)

1170 Manuscript 5, 1908.

1171 Medical Ministry, p. 327. (1905)

Kuvuga Ubutumwa Bwiza mu Buryo Bureshya Abantu: Abantu bakora mu bitaro n'amavuriro byacu bakwiriye kuba abarezi. Bagomba gutuma ubutumwa bwiza bwireherezaho abantu binyuze mu magambo ashimishije bavuga n'ibikorwa by'ubugwaneza bakora. Nk'abayobohe ba Kristo, bakwiriye guhirimbanira gutanga isura nziza y'idini [ya Gikristo] bahamya ko bemera, kandi bagatera abantu kugira ibitekerezo byiza. Hari abantu bamwe bazabasha guhindurwa n'imigirire yabo byaba igihe gito cyangwa se by'iteka ryose

Mu murimo wo gufasha abandi, dushobora kugera ku ntsinzi zikomeye cyane. Dukwiriye kwitangira gukora umurimo wo gufasha abantu bakeneye gukuza amajyambere [mu byo kwizera], dukorana ishyamba ridacogora, tukarangwa no gukiranuka tumaramaje, no kwiya, no kwihangana. Amagambo yuje ineza kandi akomeza abantu azakora ibitangaza. Hariho abantu benshi bazagaragaza ubwabo ko barushaho gukuza amajyambere [mu by'umwuka] igihe bitaweho mu muhati udacogora, hatabayeho kujora amakosa bakora no kubagaya. Uko tugabanya kunenga abandi, ni ko tuzarushaho kubahindura tubaganisha ku gukora ibyiza. Ku bantu benshi, kubahozaho urutoto uberekeza mu nzira nziza bazarushaho kubagirira nabi kurata uko byabazanira icyiza. Nimureke ubugwaneza nk'ubwa Kristo burange abantu bose.¹¹⁷²

Intego Ikomeye: Guhinduka k'ubugingo bw'umuntu ni yo ntego imwe ikomeye igomba guharanirwa kugerwaho mu bigo byacu by'ubuvuzi. Uwo ni wo mugambi ibyo bigo byashingiye. Abarwayi n'abafite intimba ku mitima baza ku bitaro n'amavuriro byacu bagera mu biganza by'abakozi babwiriza ubutumwa bwiza bakora muri ibyo bitaro. O!, Mbega amahirwe y'agaciro kenshi aba atanzwe kugira ngo imbuto z'ukuri zibibwe!¹¹⁷³

Kubwiriza Ubutumwa Bikoranywe Ubushishozi: Nimutyo umwuka wa gikristo urangwa muri ibyo bigo utume abagabo n'abagore bazanwe mu bitaro kugira ngo bavurwe indwara zabo z'umubiri bige isomo ribumvisha ko ubugingo bwabo burwaye nabwo bukeneye kuvurwa....

Mu byumba byagenewe kuganirirwamo hashobora gutangirwa ibiganiro byoroheje kandi birasa ku ngingo, byereka abarwayi ibyiringiro rukumbi bafite by'agakiza k'ubugingo bwabo. Ayo materanira yerekeye iby'idini akwiriye kuba magufi kandi akarasa ku ntego, kandi azabera umugisha abumvise ibiyavugirwamo. Ijambo ry'Uwaremye isi mu minsi itandatu maze ku karindwi akaruhuka rikwiriye kubwirwa abantu mu buryo bwiza butuma ribagirira umumaro. . .

Ibitabo birimo ukuri kw'agaciro kenshi k'ubutumwa bwiza bikwiriye gushyirwa mu byumba by'abarwayi, cyangwa bigashyirwa aho bashobora kubigeraho mu buryo bworoshye. Muri buri bitaro cyangwa ivuriro hakwiriye kuba inzu y'isomero, kandi iryo somero rigashyirwamo ibitabo

¹¹⁷² Medical Ministry, pp. 208, 209. (1905)
¹¹⁷³ Letter 213, 1902

bitanga umucyo ku butumwa bwiza. Hakwiriye gufatwa ingamba nziza kugira ngo igihe cyose abarwayi babashe kubona ibyo basoma bikubiyemo umucyo w'ukuri kwagenewe ab'iki gihe. ...

..Nimureke ibitaro n'amavuriro byacu bihinduke icyo bikwiriye kuba cyo. Bikwiriye kuba ahantu ubugingo burembejwe n'icyaha bubonera gukira. Kandi rero ibi bizakorwa igihe abakozi bazaba bafitanye umubano uhoraho n'Umuganga Mukuru.¹¹⁷⁴

Abakozi Bashobora Gutanga Ubufasha mu by'Umwuka: Mu bitaro n'amavuriro byacu biri ku isi yose, tuhakeneye abaganga bahindutse by'ukuri n'abakozi b'abanyabwenge, abagabo n'abagore batazahatira abarwayi kwakira ibitekerezo byabo, ahubwo abazashobora kwigisha ukuri kw'Ijambo ry'Imana mu buryo butuma abarwayi bahumurizwa, bagakomera kandi bagahabwa umugisha. Uyu ni murimo ibigo byacu byashingiwe gukora. Ni uwo guhagararira ukuri kw'Ijambo ry'Imana mu buryo butunganye no kuyobora intekerezo z'abagabo n'iz'abagore kuri Kristo.

Nimutyo gahunda y'iby'iyobokamana ikorwa buri munsu ibe ngufi ariko ibe ifite icyo abantu bayigiramo. Muje mwigisha abantu Bibiliya, mubabwire na Nyirayo, ari we Mana itegeka ijuru n'isi, mubabwire Kristo, Umwana w'Imana, we mpano ikomeye Imana yahaye abatuye isi. Bwira abarwayi uko Umukiza yaje ku isi guhishurira abantu urukundo rw'Imana. Babwire iby'igitambo gikomeye cyatumye aza kuba kuriyi si, kandi akahapfira. Bamenyeshe ko binyuze mu kwizera Kristo, umunyabyaha wese ashobora guhabwa kamere y'ubumana, kandi akamenya gufatanya n'Imana mu murimo wo kugeza agakiza ku bantu.¹¹⁷⁵

Gukuraho Urwikekwe. Inyigisho zihabwa abarwayi bari mu bitaro n'amavuriro byacu ntizikwiriye gutangwa zimeze nk'amatageko agomba kubahirizwa byanze bikunze. Ijambo ryaravuzwe ngo: "Ikintu cyose gishobora gukorwa kigomba gukorwa kugira ngo abarwayi n'abanyamubabaro bagezwe mu nzira y'ukuri no gukiranuka. Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ni uburyo bumwe bwo gukora ibyo. Iyo abantu bahuye n'abakozi nyakuri bavuga ubutumwa bushingiye ku buvuzi, ntabwo tumenya urwikekwe rukurwaho uko rungana. Igihe abaganga n'abaforomo bazashishikarira gukorera imbabare umurimo Kristo yakoraga ari hano ku isi, ukuri kwagenewe ab'iki gihe kuzacengera mu ntekerezo no mu mitima." ...

Gahunda y'amasengesho ya nimugoroba ku bitaro n'amavuriro byacu ikwiriye kuyoborwa ku buryo haboneka umwanya wo kubaza ibibazo.¹¹⁷⁶

Ibibazo Byerekeye Amahame y'Idini: Mu ruganiriro rw'ibitaro, ahaba hateraniye abarwayi benshi, ntabwo ari ahantu ho kuganirira ingingo

1174 Manuscript 5, 1908

1175 Medical Ministry, p. 208. (1909)

1176 Letter 213, 1902.

zerekeye amahame. Nimureke imibereho yacu idakebakeba itume abantu batugirira icyizere kandi ibatere kwifuza kumenya impamvu dukora nk'uko twizera. Noneho utumire abafite ibibazo bazaze mu materaniro yo ku Isabato.¹¹⁷⁷

Kugira ibyo Wirinda mu Buryo bw'Ubwenge: Mufite umurimo w'ingenzi mugomba gukora mu bitaro n'amavuriro. Mu mirimo mukorera abarwayi, ntumugatume babona ko mufite ubwira cyane bw'uko basobanukirwa kandi bemera ibyo kwizera kwacu. Ibyo birasanzwe ko hakwiriye kubaho gukorana umwete ngo iyo ntego izagerweho. Ariko akenshi kugira ibyo wirinda mu buryo bw'ubwenge ni ngombwa. Rimwe na rimwe, habaho ubwo amagambo meza ashobora kuzana ingorane ikomeye, kandi agafunga umuryango wagombye kuba ufunguwe cyane.

Garagaza urukundo n'ubugwaneza, kandi urangwe no kwihangana n'ubushishozi. Uramutse ubonye umwanya mwiza wo kugira ingingo ikomeye mwaganiraho, akenshi birushaho kuba byiza uramutse wihanganye. Igihe cyose ubonye umwanya si byiza guherako uvuga ibihanyika bikomeye cyane uzi, kuko byatuma abakumva bakeka ko uri kugerageza kubahindura ngo bemere ukwizera kw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi.

Ijambo ry'Imana ryoroshye rifite imbaraga zo kwemeza umuntu ukuri. Reka Ijambo ryayo ryivugire kandi rikore umurimo waryo. Mu mavuna, mukwiriye kugira ibyo wifata kuvuga kandi ukabikorana ubwenge. Ntugahate ngo wigishe ingingo ishungura inteekerezo zabo. Tegereza kugeza ubwo bari bubaze ibibazo. Reka urugero rw'imibereho yawe ari rwo rwigisha. Reka amagambo n'ibikorwa byawe byerekane ko wizera amagambo y'Umwigisha uhoraho.¹¹⁷⁸

Uburyo Bwiza Bwakurikizwa: Ukuri kuzima kw'Imana gukwiriye kwigishwa mu bigo byacu by'amavuriro. Ibi ntibishatse kuvuga ko umuganga cyangwa undi mukozi uwo ari we wese agomba guhita yigisha ukuri uwo abonye wese. Ubwo si uburyo bwiza bukwiriye gukoreshwa. Ukuri gushobora kwigishwa abantu utiriwe ukoresha ubwo buryo. Abaforomo, abaforomokazi n'abandi bakozi ntibakwiriye gusanga abarwayi bababwira ngo: "Twizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu." Uwo murimo si uwabo, keretse gusa abarwayi ubwabo bifuje kubyumva, keretse kandi ibibazo bibazaga byamaze kubonerwa umuti, kandi n'imitima yabo yamaze koroha.

Nimukore ku buryo abarwayi bazabona yuko Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ari abantu bafite icyerekezo kimwe. Nimukore neza kugeza ubwo bumva ko ibitaro cyangwa ivuriro byacu ari ahantu ho kuruhukira. Ukuri kwa Bibiliya gukwiriye kubwirwa abantu, ariko insanganyamatsiko zako zimwe na zimwe ntizikwiriye kuvugirwa imbere y'abarwayi bose.

¹¹⁷⁷ Manuscript 53, 1899.

¹¹⁷⁸ Letter 308, 1906.

Nibakubaza ibibazo, babwire impamvu shingiro zo kwizera kwawe. Nukora utyo, umucyo uzamurika.

Ushobora gusaba abarwayi kuza mu materaniro yacu, kandi nibayazamo bazumva ukuri, kandi bazi ko bataguhatiwe. Ibyo bizatuma igihe bazaba basohotse ibitaro, maze bakumva abantu bavuga ngo, 'Ntabwo nshaka kuja hariya hantu batazangira Umudiventisiti,' bazababwira ko abakozi bo ku bitaro cyangwa ivuriro byacu ntawe bahatira ukuri dutwaye.

Nta kintu kizabuza abarwayi kubaza ibyerekeye ukwizera kwacu. Hari abantu bafite inzara n'inyota by'ukuri kw'Ijambo ry'Imana, kandi bene abo bantu bazakubona. Ni cyo gituma dushaka ko ibigo byacu byahita byubakwa.¹¹⁷⁹

Ubuhamya bw'Imibereho ya Gikristo Ihanye: Uku kuri kwera, kwizerwa kandi gukurikizwa ntabwo kugomba kwemezwa umuntu ku gahato, ahubwo kwigishwa umuntu mu buryo Umwigisha Mukuru yakoresheye. Umwuka Wera azagera ku bantu bagaciro kandi agere ku bafite umwuka mwiza biteguye kukwakira. Mu bitaro n'amavuriro byacu byose hakwiriye kuba abantu basobanukiwe n'amahame y'ukuri kandi bashobora kuyigisha bakoresheje inyandiko n'amajwi yabo. Abo bazahura n'abantu bafite imyumvire iruhije, bityo bakwiriye kubingingira kwakira ukuri nk'uko babyingingira umwana w'ikinege bibyariye. Uwituka yaravuze ko intego yacu idakwiriye kuba iyo gushyira mu myanya y'ubuyobozi abantu badakwiriye kubw'ubunararibonye bafite, ko ntagushyira muri iyo myanya abantu bataramenya Bibiliya ku buryo bwimbitse."

Abantu benshi batekereza yuko kugaragara mu buryo budasanze, imyitwarire idasanze no kwiyoberanya bigomba gukora umurimo ukomeye mu kugera ku bantu bo mu nzego zo hejuru. Ariko ibyo ni ukwibeshya. Bene aba bantu bashobora gutahura iyo migirire. Ni ukuri, uko ugaragara inyuma hari i gikomeye mu gukora ku mitima y'abantu, ariko uko umuntu agaragara inyuma kugomba kuba guhuje n'uko Imana ishaka. Nimureke abakozi bacu bagaragare ko bomatanye n'Imana n'ijuru. Nibiba bityo, ntihazabaho guharanira kumenywa nab'isi kugira ngo umurimo uhabwe isura runaka n'imbaraga ihindura abantu muri iyi minsi ya nyuma. Kudahindagurika ngo umuntu yiyoberanye ni ibuye ry'agaciro kenshi. Kwizera kwacu, imyambarire yacu, n'imyitwarire yacu bikwiriye guhamanya n'imiterere y'umurimo dukora wo kwigisha abantu ubutumwa buhebuje ubundi bwigeze guhabwa abatuye isi.

Umurimo wacu ni ukuzana abantu ngo bizere ukuri. Ni ukubazana dukoresheje kubwiriza no kuba intangarugero mu byo twigisha, ndetse no kurangwa n'imibereho yubaha Imana. Ukuri kugomba gushyirwa mu bikorwa mu miterere yako yose, hakabaho kugaragaza ubwuzuzanye hagati yo kwizera n'uko tugushyira mu bikorwa. . Agaciro ko kwizera kwacu kazagaragazwa n'imbuto kwera. Imana ishobora gukora ku mitima y'abantu

¹¹⁷⁹ Manuscript 111, 1899.

hifashishijwe kudakebakeba kwacu. Imyambarire yacu, imyitwarire yacu, ibiganiro byacu ndetse n'uburyo twimbika tugakuza ubunararibonye mu by'umwuka, ibyo byose bikwiriye kugaragaza ko amahame akomeye y'ukuri twigisha ari ukuri gufatika kuba kuri twe. Uko ni ko ukuri kugomba kugaragazwa ko gushimishije kandi kugatega ubwenge bwacu. Ukuri, ari ko kuri kwa Bibiliya, kugomba guhinduka umugenga w'umutimanama, uw'urukundo n'imibereho y'umuntu.¹¹⁸⁰

Si Amagambo Akenewe Ahubwo ni Ibikorwa: Ku byerekeye kumenyekanisha ukwizera kwacu, nta mbaraga zikomeye zikwiriye gukoreshwa ngo dushobore kuguhisha, kandi ntihakwiriye no gukoreshwa imbaraga mu bupfapfa ngo uko kuri kwamamare. Abantu bazaza mu bitaro n'amavuriro byacu ni abantu bazaba bari mu mwanya ukwiriye wo kunyurwa n'ukuri. Nibaramuka babajije ibibazo byerekeye ukwizera kwacu, byaba byiza umuntu ababwiye ibyo twizera mu buryo bwumvikana kandi bworoshye. Kubaha Imana kuba mu mutima guha imbaraga imyitwarire y'umwizera nyakuri ari nayo imuha ubushobozi bwo guhindurira abandi icyiza.

Ariko muri ibi, dukwiriye gukorana ubushishozi. Hariho abantu b'umutima uzirikana batekereza ko inshingano yabo ari ukuvuga bisanzuye ku ngingo zo kwizera abantu batavugaho rumwe, bakazivugaho mu buryo bushobora kubyara impaka za ngo turwane bahanganye n'abo baganira. Bene uwo mwete uhubukiwe kandi utarangwa n'ubushishozi ushobora gufunga amatwi y'umuntu wajyaga gutega amatwi yihanganye, ariko noneho akaba agiye gutera abandi kudaha agaciro uko kwizera. Uko ni ko imizi yo gusharira imera, aho usanga abantu benshi banduzwa ikibi. Binyuze mu buhubutsi bw'umuntu umwe, amatwi n'imitima by'abantu benshi bishobora gufungwa ntibakire ukuri.

Abantu bose bazi neza ko abagira ishyamba ryinshi mu by'idini bo mu dutsiko dutandukanye usanga barakujije umwuka wo kutavugisha ukuri cyane mu buryo bafata abo batandukanyije ibitekerezo ku ngingo zimwe z'iby'umwuka. Ababarirwa muri iri tsinda, baba biteze kubona umwuka nk'uwo wo kutemerwa kungurwa ibitekerezo n'abandi mu Badiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, bityo bakambara intwari zabo, biteguye kurwanya ikintu cyose kivuga ku bitekerezo byihariye bahagazeho.

Mu bihe byashize, abantu bamwe bakoraga mu bitaro bumvise ko bafite inshingano yo kuvuga ingingo yerekeye Isabato ahantu hose. Bagejeje iyo ngingo ku barwayi babishimikiriye kandi bashyizeho umwete. Bene abo bantu abamarayika b'Imana barababwirako bati: "Si amagambo akenewe, ahubwo ni ibikorwa." Ubuzima bwa buri muni buvuga byinshi kurenza umubare w'amagambo uko yaba angana kose. Umunezero ugaragara mu bakozi bose, umwuka w'ubugwaneza, ineza ya Gikristo, kwihangana n'urukundo, ibyo ni byo bizatamurura igihu giterwa n'urwikekwe, maze

¹¹⁸⁰ Letter 121, 1900.

byugururire umutima kwakira ukuri. Abantu bake gusa ni bo basobanukirwa n'imbaraga z'izo ndangagaciro zihindurira abantu mu byiza.¹¹⁸¹

UMUGANGA WEJEJWE N'UMUFOROMO W'UMUVUGABUTUMWA

Abaganga n'Abakoromo b'Abakristo: Imana yategetse ko abaganga n'abakoromo n'abakoromokazi bazakorana n'ababwiriza Ijambo ry'Imana. Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ugomba komatana n'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza.¹¹⁸²

Intumwa Luka ni urugero: Mu murimo dukora muri iki gihe, umurimo wo kuvuga Ijambo ry'Imana n'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi bigomba kujyanirana.

Luka yitwa "Umuvuzi ukundwa" (Abakolosayi 4:14). Intumwa Pawulo yari yarumvise ibyerekeye ubuhanga bwa Luka nk'umuganga, maze aramushakisha nk'umuntu Imana yari yarashinze umurimo udasanzwe. Mu murimo we, Pawulo yakomeje gukorana nawe. Nyuma y'igihe runaka, Pawulo yasize Luka i Filipi. Aho ni ho Luka yakomereje gukorera maze ahamara imyaka myinshi, agakomatanya imirimo ibiri; uwo kubwiriza ubutumwa bwiza no kuvura abarwayi. Mu by'ukuri, yari umuvugabutumwa w'umuganga. Yakoraga uruhare rwe, noneho, agatakambira Uwituka Imana kugira ngo imbaraga yayo ikiza ibe ku mbabare. Ubushobozi bwe mu rwego rw'ubuvuzi bwakinguriye inzugi nyinshi ubutumwa bwiza bubona aho bwinjirira bugera mu mitima y'abantu. Ubwo buhanga bwe bwamukinguriye inzugi nyinshi, bumuha amahirwe yo kubwiriza ubutumwa bwiza mu bapagani. ...

Ni umugambi w'Imana ko dukora umurimo nk'uko abigishwa ba Yesu bakoraga. Nidufatanye n'Umuvuzi Mukuru, dushobora gukora ibyiza bikomeye ku isi. Ubutumwa bwiza ni wo muti wonyine rukumbi uvura icyaha. Nk'abahamya ba Kristo, dukwiriye gutanga ubuhamya bw'imbaraga y'ubutumwa bwiza. Dukwiriye guheka indembe n'imbabare tukazishyira Umukiza. Ubuntu bwe buhindura n'imbaraga ye ikora ibitangaza bizazana abantu benshi bayoboze ukuri. Imbaraga y'Umukiza ikiza indwara ifatanyije n'ubutumwa bwiza, bizatuma mu bihe bisaba ubutabazi bwihutirwa habaho kugera ku ntsinzi. Umwuka Wera azakora ku mitima, kandi tuzabona agakiza k'Imana. Mu mvugo yihariye, kuvura abarwayi ni umurimo wacu.

Igihe kinini cyane gishize nta mpinduka cyigeze gihindura ku isezerano Kristo yatanze ubwo yasubiraga mu ijuru. Ari kumwe natwe uyu munsu nk'uko yari kumwe n'abigishwa be, kandi azabana natwe kugeza "ku mperuka y'isi." Kristo yategetse ko abantu bazajya basimburana bamamaza ubutumwa bwiza, akaba ari we ubaha ubushobozi we Mwigisha mukuru.¹¹⁸³

1181 *Manuscript 53, 1899*

1182 *Medical Ministry, p. 240. (1908)*

1183 *Letter 134, 1903.*

Abaganga Bigishiriza mu Ruhame: Umuntu w'umuganga kandi akaba n'umwigisha mu by'iyobokamana azabona umurimo azajya akora uzavamo umusaruro w'agakiza k'abantu. Amagambo mazima yo mu nyigisho z'iby'idini ashyigikiwe n'imvugo igira iti: "Ni ko Uwiteka avuze," azagira ubushobozi bwo gukiza. Umuganga ashobora kwivugira ubwe ko azatumirwa ngo aje kwigisha amatorero n'amashami atari amwe, kandi azakirwa. Nk'umwigisha, umuganga ashobora kwita ku mahirwe afite kuko Ijambo ry'Imana rigomba kuvugwa nta nkomyi.¹¹⁸⁴

Amahirwe Yihariye y'Abaforomo b'Ababwirizabutumwa: Ahantu hose ukuri kwigishwa, hakwiriye gukoreshwa umwete mwinshi kuva ku ikubitiro maze abakene bakabwirizwa ubutumwa bwiza kandi n'abarwayi bagakizwa indwara zabo.

Uyu murimo uramutse ukoranywe gukiranuka, uzatuma itorero riyongeramo abantu benshi bazakizwa.

Abantu bajya mu murimo wo kuvuga ubutumwa urugo ku rundi, bazabona amahirwe yo kwamaza ubutumwa mu bantu b'ingeri nyinshi. Bakwiriye kuvuga ubutumwa mu boroheje, mu bakene n'abakandamizwa. Dukwiriye gusengera abantu b'impezamajyo badafite imbaraga z'ubushake zo gutegeka ipfa ryabo ryamaze kwangizwa no kwifuza kwabo. Hakenewe gukoresha umwete mwinshi udacogora kubw'agakiza k'abafite imitima yakangukiye kwita ku butumwa. Abenshi bashobora kugerwaho binyuze gusa mu bikorwa by'ubugwaneza bidafite inyungu zibiyihishe inyuma. Bakwiriye mbere ya byose kubanza koroherezwa ububabare bw'umubiri. Nibabona igihamba cy'urukundo rwacu rutikanyiza, noneho kwizera urukundo rwa Kristo bizaborohera.

Abavugabutumwa b'abaforomo n'abaforomokazi bujuje ibyangombwa kurusha abandi mu gukora uyu murimo; ariko n'abandi bakwiriye gufatanya nabo. Nubwo abo bandi baba batarize kandi ngo bahugurirwe by'umwihariko umwuga w'ubuforomo, bashobora kwigira ku bakozi bagenzi babo uburyo bwiza bwo gukora uwo murimo.¹¹⁸⁵

Kugera ku Bantu bo mu Nzego zo Hejuru: Abaganga bafite ubumenyi n'ubushobozi buhanitse kurusha abakozi basanzwe, bakwiriye guhabwa akazi mu murimo w'Imana mu mijyi minini. Bakwiriye gushaka uko bajya bagera ku bantu bo mu nzego zo hejuru. ...

Abavugabutumwa b'abaganga bakora mu mashami y'umurimo w'ivugabutumwa baba bakora umurimo wo mu rwego rwo hejuru nk'abapasitoro bagenzi babo. Uyu murimo w'ubuvuzi ukomatanyijwe n'umurimo w'ubugabura ntugomba gukorerwa gusa abantu bo mu rwego rwo hasi gusa. Abantu bo mu nzego zo hejuru bagiye birengagizwa bikomeye. Mu bantu bo mu nzego zo hejuru mu buzima hazabonekamo benshi bazemera ukuri bitewe n'uko bazasanga gufite ireme, kandi guteyeho

¹¹⁸⁴ Letter 4, 1910.

¹¹⁸⁵ Testimonies, Vol. 6, p. 83, 84. (1900).

kashi y'imiterere itagira amakemwa y'ubutumwa bwiza. Abantu benshi bafite ubushobozi bazinjirana imbaraga mu murimo. Bakoresheje impano Imana yabahaye, bazahinduka abakora ibikorwa bitanga umusaruro wo kugirira abandi akamaro kandi na bo bibifitemo inyungu.

Umuganga ukiranuka n'umugabura bombi baba bari mu murimo umwe. Bakwiriye gukora mu bwuzuzanye bushyitse. Bagomba kugishanya inama. Kubw'ubumwe bafitanye, bazaba abahamya berekana ko Imana yatumye Umwana wayo w'ikinege mu isi kugira ngo akize abazamwizera nk'Umukiza wabo bose.¹¹⁸⁶

Umurimo w'iby'Umwuka Umuganga Akora: Umurimo w'umuvugabutumwa nyakuri w'umuganga ni umurimo w'iby'umwuka wagutse rwose. Ni umurimo ukubiyemo gusengera abarwayi no kubarambikaho ibiganza. Kubw'ibyo rero, akwiriye kwerezwa gukora uyu murimo nk'uko umugabura w'ubutumwa bwiza nawe aba yarabyerejwe. Abantu batoranyirizwa kuba abaganga b'abavugabutumwa, nabo bakwiriye kurobanurwa muri ubwo buryo. Ibyo bizabakomeza bibarinde igishuko cyo gusezera mu murimo bakorera ibitaro n'amavuriro ngo babe bajya kwikorera ku giti cyabo. Nta mpamvu y'ubwikanyize yagombye kwemerwa ngo ibe yakura umukozi mu mwanya w'inshingano ye. Ubu tugeze mu gihe tugomba gukora inshingano zikomeye; ni igihe kigomba gukorwamo umurimo wejejwe. Nimutyo dushake Uwiteka tumaramaje kandi dusobanukiwe n'icyo dukora.¹¹⁸⁷

IMIBURO ITARI IMWE

Umurimo Wacu w'Inyabutatu: Imana ikora umurimo ikoresheje ibikoresho byayo, cyangwa abakozi bo ku rwego rwa kabiri. Ikoreshe umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi kandi igakoresha n'ibitabo n'inyandiko bikubiyemo ukuri kugenewe iki gihe kugira ngo ikore ku mitima y'abantu. Ibyo byose bitanga umusaruro kubwo kwizera. Iyo abantu bumvise ukuri cyangwa bakagusoma, Umwuka Wera agucengeza mu mitima y'abakumva n'abagusoma bafite icyifuzo gikomeye cyo kumenya ukuri uko ari ko. Umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ndetse n'ibitabo n'inyandiko byacu, ibyo byose ni ibikoresho Imana yashyizeho. Nta kigomba gusimbura ikindi.¹¹⁸⁸

Ongeraho Ijambo "Ubuuvuzi." Umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza ntukwiriye kugabanirizwa akamaro usanganywe, ahubwo ukwiriye kongererwa ubushobozi kugeza ubwo uhindutse igikoresho gikomeye cyo gutamurura umwijima muri iyi si yacu. Hakwiriye gukorwa igishoboka cyose kugira ngo abandi bakozi boherezwe mu murimo. Nta mbaraga zagomye guhabwa akito ngo zibe zahinduka inzitizi zibuza abasore n'inkumi gushaka uko buzuza ibyangombwa bibabashisha gukora umurimo

1186 Manuscript 79, 1900

1187 Manuscript 5, 1908

1188 Letter 54, 1903

w'ivugabutumwa nk'abagabura. Muri ibyo bagomba kuzuza dukwiriye kongeraho ijamba "ubuvuzi"; kuko ari ingenzi ko umugabura w'ubutumwa bwiza agira ubumenyi mu byekeye indwara n'impamvu zizitera. Akwiriye kumenya uburyo yafasha umuntu urwaye. Akwiriye kuba abasha kwigisha abantu ibyerekeye isuku yo mu rugo. Ibi nabyo ni umwe mu migabane igize umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza.¹¹⁸⁹

Umurimo wacu Utandukanye n'uwa MÜller¹¹⁹⁰: Muri iki gihe, Imana ntiha ubwoko bwayo umurimo nk'uwo yahawe uwitwa MÜller. MÜller yakozwe umurimo wo ku rwego ruhanitse. Ariko Imana yahaye ubwoko bwayo umurimo bugomba gukora uteguye mu buryo butandukanye n'ubwa MÜller. Imana yahaye ubwoko bwayo ubutumwa bugenewe isi yose. Basabwa kwinjira mu turere twose, bakarwana urugamba rw'inkundura barwanyamo icyaha kimbura ubugingo.¹¹⁹¹

Umurimo Uringaniye Ukorera Abakire n'Abakene: Mu mezi aheruka umwaka wa 1899, habayeho gukangukira cyane kubwiriza ubutumwa mu bakene n'ab'amoko yafatwaga nk'ibicibwa. Hakozwe umurimo ukomeye kugira ngo abanyabyaha n'abateshejwe agaciro bazahurwe. Ibyo ubwabyo ni umurimo mwiza. Dukwiriye iteka kurangwa n'umwuka wa Kristo, kandi tugoba gukora umurimo nk'uwo yakoreye inyokomuntu yari mu makuba. Uwitwaga afite umurimo ugomba gukorera abafatwa nk'ibicibwa. Nta kibazo kigomba kuhaba ahubwo iyo ni inshingano ya bamwe ko bagomba gukorera muri abo bafatwa nk'ibicibwa, kandi bakagerageza gukiza ubugingo bw'abantu buri kurimbuka. Iki gikorwa kizagira umwanya mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa gatatu no mu gikorwa cyo kwakira ukuri kwa Bibiliya. Ariko rero hari akaga katerwa n'uko abantu bose bakorerwa uyu murimo, bitewe n'uburemere n'imbaraga ukoranwa. Hari akaga ko gutera abantu kwerekeza imbaraga zabo muri uyu murimo, mu gihe Imana yabahamagariye gukora undi.

Ikibazo gikomeye cy'inshingano dufite ku nyokomuntu ni ikibazo kitajenjekerwa, kandi hakenewe ubuntu bw'Imana bwinshi mu rwego rwo gufata icyemezo cy'ukuntu umurimo ugomba gukorwa kugira ngo hakorwe ibyiza byinshi bihebuje. Ntabwo abantu bose bahamagariye gutangira umurimo wabo bakorerwa mu bantu bo mu rwego rwo hasi. Imana ntisaba abakozi bayo kwiga no guhugurwa kugira ngo bitangire by'umwihariko gukorera aya matsinda y'abantu bo muri izo nzego zo hasi.

Imikorere y'Imana igaragara mu buryo buzatuma habaho icyizere cy'uko uyu murimo wahanze na Yo, kandi ko amahame atagira inenge ari yo shingiro ry'igikorwa cyose. Ariko Imana yampaye amabwirizwa avuga ko hari akaga gatewe no gutegura imirimo izakorerwa amatsinda y'abantu

¹¹⁸⁹ Letter 123, 1900

¹¹⁹⁰ Uyu ni George MÜller wakoreraga ahitwa Bristol, mu Bwongereza. Yari umuvugabutumwa kandi yabayeho hagati ya 1805-1898.

¹¹⁹¹ Letter 33, 1900.

bafatwa nk'ibicibwa ku buryo habaho guhuzagurika no gukorana ihubi. Ibyo nta nyungu igaragara ishobora kubivamo. Ahubwo itsinda ry'abantu rizashishikarizwa gukora umurimo uzagira nibura icyo wongera mu gukomeza ibice byose by'umurimo w'Imana binyuze mu gikorwa cy'ubwuzuzanye.

Irarika ry'ubutumwa bwiza rigomba kugezwa ku bakire n'abakene, abakomeye n'aboroheje, kandi tugomba gushaka uburyo bwo kugeza ukuri ahanu hashya, no ku ngeri zose z'abantu. Uwituka aradutegeka ati: "Sohoka ugende mu nzira nyabagendwa no mu mihōra, ubahate kwinjira kugira ngo urugo rwanjye rwuzure." (Luka 14: 23). Aravuka ati: "Tangirira mu nzira nyabagendwa, ukorere neza mu nzira nyabagendwa, mutegure itsinda mukorera hamwe ku buryo mushobora kuja gukora umurimo Kristo yakoze ashakisha kandi akiza uwazimiye."

Kristo yabwirizaga abakene ubutumwa bwiza, ariko kandi imihati ye ntiyayigarukirije kuri iryo tsinda gusa. Yakoreye abantu bose babaga biteguye gutega amatwi Ijambo rye. Si abakoresha b'ikoro n'ibicibwa gusa, ahubwo yanabwirizaga n'abakire n'Abafarisayo bize, imfura zo mu Bayuda, abatware b'abasirikare n'umutware w'Umuroma. Uyu ni wo murimo nabonye ko ukwiriye gukorwa. Ntabwo tugomba kumarira imbaraga zacu zose z'iby'umwuka mu gukorera abo mu nzego zo hasi gusa, ngo umurimo urangirire aho. Hari abandi bantu dukwiriye kuzanira Databuja, ni abantu bakeneye ukuri, abantu bafite inshingano zikomeye, kandi bazakoresha ubushobozi bwabo bwejeje bagera ku bo mu nzego zo hejuru kimwe n'abo mu nzego zo hasi.

Umurimo ukorerwa abakennye kurusha abandi nta mipaka ufite. Ntabwo wawukora ngo uwurangize, kandi ukwiriye gufatwa nk'umugabane umwe w'umurimo wose mugari. Kwita mbere na mbere kuri uyu murimo mu gihe hari igice kigari cy'uruzabibu rw'Uwituka gikeneye guhingirwa nyamara kikaba kitaragira icyo gikorwamo ni, ibyo kwaba ari ugutangirira ahanu hatari ho. Nk'uko ukuboko kw'iburyo kuri ku mubiri ni ko n'umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi uri ku butumwa bwa marayika wa gatatu. Ariko ukuboko kw'iburyo ntigukwiriye guhinduka umubiri wose. Umurimo wo gushaka abantu bagizwe ibicibwa ni ingenzi, ariko ntukwiriye kuba umutwari uremereye ku murimo twahamagariwe gukora.¹¹⁹²

Umurimo Udashabanye n'Indi: Umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi ntukwiriye gusumba indi. Ugomba kuba umurimo uri kuri gahunda ihuje n'igice gisigaye cy'umurimo.¹¹⁹³

Ubuzima bw'Abakozi: Abantu begurira ubuzima bwabo bwose mu murimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi, bakora ubudacogora, haba mu gihe cy'akaga, mu bukenye, bari maso, bahorana umunaniro kandi

1192 *Medical Ministry*, p. 311, 312. (1899).

1193 *Letter* 38, 1899.

bagakora umurimo ubamo umubabaro, bari mu kaga ko kwibagirwa ko bagomba kuba abarinzi bakiranuka b'imbaraga zabo bwite z'ubwenge n'iz'umubiri. Ntabwo bakwiriye kwinaniza birenze urugero. Ariko usanga buzuwe n'umwete n'ishyaka, kandi rimwe na rimwe bagenda batitangira batagishije inama, bakivunisha bishyiraho umutwaro uremereye cyane. Keretse abo bakozi bahinduye imikorere, naho ubundi bashobora kwikururira indwara amaherezo zikabahitana.

Nubwo abakozi b'Imana bakwiriye kurangwa n'ubwuzu bwuje ubupfura, kandi bakaba biyemeje gukurikiza urugero rw'umukozi wavuye mu ijuru ari we Yesu Kristo, Muganga Mukuru kandi w'Umuwugabutumwa, ntibakwiriye kwirundanyaho ibintu byinshi mu mirimo bagomba gukora mu muni. Nibakora batyo, bidatinze bazananirwa gukora bave mu murimo batentebutse rwose bitewe n'uko bagarageje kwikorera umutwaro uremereye cyane. Mwene Data, icyiza kuri wowe ni ugukoresha neza amahirwe Imana yaguhaye, ugakorana umwete wose woroshya ububabare bw'abantu kandi ukiza ubugingo bwabo. Ariko kandi ntugashyire ubuzima bwawe mu gaka ngo bube bwahatakarira.

Dufite umuhamaro uhanitse cyane kurenza inyungu zisanze zirimo kwikanyiza, ndetse zirahanitse nk'uko ijuru ryitaruye isi. Ariko iki gitekerezo ntigikwiriye gutera umukozi w'Imana ukorana ubushake kandi ugira umuhati mwinshi kuba yakwikorera imitwaro yose bashobora kumukorera, adahawe akanya ko kuruhuka.

Mbega ukuntu byaba byiza cyane mu bakozi bese birunduriye mu murimo wo gusohozza umugambi utangaje w'Imana wo kugeza agakiza ku bantu, hatabayemo abanebwe! Mbega ibintu byinshi byakorwa buri wese aramutse avuze ati: "Mana mpa kuzirikana ko nkwiye gukanguka cyane, no kureka umwete ngira ugashimangira ukuri mvuga ko nizera! Ndifuza kuba umukozi w'umunyamwete, utari ugira imigambi idashyirwa mu bikorwa."¹¹⁹⁴

GU KORERA ABANTU BO MU NZEGO ZIHARIYE

GU KORERA ABANTU B'INGERI ZOSE

Bwiriza Ukuri Abantu b'Ingeri Zose. Irarika ry'ubutumwa bwiza rigomba kugezwa ku bakire n'abakene, abakomeye n'aboroheje, kandi tugomba gushaka uburyo twageza ukuri ahantu hashyashya, ndetse no ku bantu bo mu nzego zose.¹¹⁹⁵

Bahe Umwanya n'Amahirwe yo Gusobanukirwa: Ntihakagire ugira igitekerezo cy'uko abakene n'abataragize amahirwe yo kwiga bakwiriye kwirengagizwa. Uburyo bw'imikorere butunganye ntibuzigera na rimwe buheza bene abo bantu. Kimwe mu bimenyetso byagaragaje ko Kristo ari Mesiya ni uko abakene babwirijwe ubutumwa bwiza. Dukwiriye kwiga uburyo bwo guha abantu bo mu nzego zose uburyo n'amahirwe kugira ngo basobanukirwe n'ukuri kwihariye kwagenewe ab'iki gihe.¹¹⁹⁶

Ubutumwa Bukiza Bugenewe Umuntu Wese: Abantu benshi bumva bafite icyo bakeneye ; kandi icyo bakeneye nta bukire cyangwa ibinezeza byo ku isi bishobora kubikemura. Nyamara kandi ntibazi uko bagomba kubona ibyo bintu bifuza cyane.

Kuva mu itangiriro ukageza ku iherezo, ubutumwa bwiza bwa Kristo ni ubutumwa bw'ubuntu bw'Imana bukiza. Ni igitekerezo ntagereranywa kandi kigenga ibitekerezo byose. Ubu butumwa buzabera ubufasha abakennye cyane, bubere umucyo abantu babaye impumyi ku buryo batabona ukuri, kandi bube umuyobozi ku bantu bashaka kugira urufatiro nyakuri. Agakiza kuzuye kandi k'iteka ryose kari aho umuntu wese ashobora kugashyikira. Kristo ategereje kandi yifuza cyane kubwira umuntu ko amubabariye, ndetse no gutanga ubuntu bwe butangirwa ubuntu. Ariho aratwitegereza kandi aradutegereje, avuga nk'uko yabwiye ya mpumyi yari

¹¹⁹⁵ *Medical Ministry*, p. 312. (1899)

¹¹⁹⁶ *Review and Herald*, Sept. 25, 1890. [Urwibutso n'Integuza].

ku irembo ry'i Yeriko ati: "Ushaka ko nkugirira nte?" Nawe Yesu arakubwira ati: "Nzaguhanaguraho ibyaha byawe; nzakuhagiza amaraso yanyje."

Mu nzira zose z'ubuzima tunyuramo hari abantu bakeneye gukizwa. Hari impumyi zirindagirira mu mwijima. Nimubamurikishirize umucyo, kandi nk'abakozi bayo, Imana izabibahera umugisha.¹¹⁹⁷

Gahunda Zigendereye Abantu bo mu Nzego zo Hejuru Zizagera no ku Bantu bose: Shyira intekerezo zawe ku bunini n'ubukomere bw'umurimo. Gahunda zanyu z'ibikorwa zidashyitse n'ibitekerezo byanyu bigufi, ntibikwiriye kwinjira mu mikorere yanyu. Iyi ngingo ikwiriye gukorwaho ivugurura, kandi hakazaboneka andi mikoro azabashisha umurimo kugera ku rweho ruhanitse kandi rw'isumbwe wagombye kugeraho. Hazaboneka abantu bafite amikoro bazagira icyo basobanukirwa kijyanye n'imiterere y'umurimo, n'ubwo badafite ubutwari bwo kwikorera umusaraba no kwihanganira kunegurwa no kugawa bitabura kwibasira ukuri kutamenyerewe. Niba bishoboka, banza ugere ku bakomeye, ariko kandi abo mu nzego zo hasi ntibakwiriye kwirengagizwa.

Ariko byagaragaye ko ingamba z'imirimu ndetse zashyizweho ndetse hagakoreshwa n'umwete mwinshi ahanu henshi kugira ngo abantu bo ku rwego rwo hasi abe ari bo bashobora kugerwaho bonyine. Ariko hakwiriye gushakishwa uburyo bwo kugera ku bantu bo mu nzego zo hejuru bakeneye kubona umucyo w'ukuri kimwe n'abo mu nzego zo hasi. Aba bantu babona ukuri, ariko nk'uko byahoze, bari mu bubata bw'ubukene, nyamara baramutse bemeye ukuri, babona inzara ibategereje. Teganya gahunda yo kugera ku bakomeye, bityo ntuzananirwa kugera ku bo mu nzego zo hasi.¹¹⁹⁸

Impano n'Ubushobozi Byahindutse: Abagaragu b'Imana ntibakwiriye kumarira igihe n'imbaraga zabo mu gukorera abantu beguriye igihe cyose cy'ubuzima bwabo gukorera Satani kugeza ubwo impagarike yabo yose yangirika. Igihe abantu babarirwa mu matsinda y'abafatwa nk'ibicibwa baje kuri Kristo, kandi koko bazaza, ntabwo tugomba kubabuza kumusanga. Ariko Imana irahamagara abakozi bagomba kugera ku bantu bo mu nzego zo hejuru bashobora kuzahindukira bakajya kugeza ubutumwa kuri bagenzi babo mu gihe bo ubwabo bahindutse. Imana ishaka kubona impano n'ubushobozi by'abantu bahinduka maze bakinjira mu murimo wayo. Imana irakora ku mitima y'abagabo n'abagore bafite impano n'ubushobozi, ikabayobora maze ikabahuza n'abakozi bayo bamamaza ubutumwa buheruka bw'imbabazi mu batuye isi.¹¹⁹⁹

Uburyo Pawulo Yakoreshega Bwageraga ku Mahanga Yose n'Amoko Yose: Mu ngendo z'Intumwa Pawulo, yakomatanyaga kuvuga ubutumwa iwabo no mu bihugu by'amahanga. Umunsi umwe yabwirizaga Abayuda aho basanzwe basengera, ubundi ukumva arabwiriza abanyamahanga, akabwiririza imbere y'ingoro yabo n'imbere y'ibigirwamana byabo. Ntabwo

1197 Letter 60, 1903.

1198 Letter 14, 1887

1199 Manuscript 6, 1902

Pawulo abwiriza Abayuda ibya Mesiya uje kurimbura ibya kera baha agaciro kihariye; ahubwo avuga ibya Mesiya wazanywe no guteza imbere ubukungu bwose bw'Abayuda akurikije ukuri.

Bamwe mu bigishwa bajyanye ijamba ry'ukuri bakarigeza kure, babaga biteguye kugira icyo basubiza ku kibazo cyashoboraga kuboneka mu kiganiro icyo ari cyo cyose bagiranaga n'ababaga barasigaye iwabo imuhira. Aho ni ho idini ya Gikristo yaboneye intsinzi idasubirwaho, maze Abayuda bahindutse bemera bakomeje no ku rwego ruhanitse ko Ubukristo n'agakiza byagenewe abantu bo mu mahanga yose, indimi zose, n'amoko yose y'abatuye isi.¹²⁰⁰

KUGERA KU BANTU BAFITE AMIKORO KANDI BUBASHYWE

Rarika Abakomeye mu by'Ubucuruzi n'Abayobozi muri Leta: Irarika rigomba gutangira "mu nzira nyabagendwa" rikwiriye gutangarizwa abantu bose bafite uruhare rufatika mu murimo ugomba gukorerwa abatuye isi, rikagezwa ku bigisha n'abayobozi ba rubanda. Abantu bafite inshingano zikomeye mu mirimo ya Leta, baba abaganga, abarimu, abanyamategeko n'abacamanza, abayobozi mu mirimo ya Leta ndetse n'abacuruzi, bakwiriye guhabwa ubutumwa busobanutse kandi bwihariye.¹²⁰¹

Shaka Abagira Ijambo mu Bandi: Abantu bari mu rwego rwo hejuru mu muryango mugari bakwiriye gushakanwa umwuka w'ubugwaneza n'urukundo no mu buryo bwa kivandimwe. Abantu bakora imirimo y'ubucuruzi, abakozi bari mu myanya yo hejuru, abantu b'abahimbi bo mu rwego rwo hejuru, inzobere mu by'ubumenyi, abahanga bahanitse, abigisha b'ubutumwa bwiza batigeze bahamagarirwa kumva ukuri kugenewe iki gihe, abo bose bakwiriye kuba ku ruhembe rw'imbere mu kumva iryo rarika.¹²⁰²

Tuganira kandi tukandika cyane ibyerekeye abakene birengagijwe: mbese aho ibitekerezo ntibikwiriye no kwerekezwa no ku bakire birengagijwe? Abantu benshi bareba abantu bari muri uru rwego nk'abadagifite ibyiringiro, kandi bakora bike cyane kugira ngo bahumure amaso y'abagizwe impumyi kandi bakarindagizwa n'imbaraga ya Satani, batakibona ko ubugingo bw'iteka buri imbere yabo. Abantu ibihimbi byinshi b'abakire bamaze kugera mu mva zabo bataburiwe, bitewe n'uko abantu babaciriye urubanza barebeye uko bagaragara inyuma gusa, ndetse bakaba barirengagijwe nk'abantu babaye akahebwewe. Ariko nubwo bashobora kugaragara nk'aho ntacyo bitaho, neretswe ko benshi mu bagize iri tsinda baba baremerewe mu mitima. Hari abantu b'abakire ibihumbi byinshi basanzeye ibyokurya by'umwuka. Benshi mu buzima bwabo busanzwe bumva ko hari ikintu badafite bakeneye. Bake muri bo ni bo bajya mu rusengero, kubera ko bumva ko nta nyungu babifitemo. Inyigisho bumva

¹²⁰⁰ Letter 17, 1900.

¹²⁰¹ Testimonies, Vol. 6, p. 78. (1900).

¹²⁰² Christ's Object Lessons, p. 230. (1900)

ntizikabakaba imitima yabo. Mbese ntidukwiriye gukora uko dushoboye ngo tugere kuri abo bantu buri muntu ku giti cye?¹²⁰³

Abakozi b'Abanyabwenge Nibo Bakwiriye Gusanga Abantu bo mu Nzego zo Hejuru: Nta mbaraga zakoreshejwe zagombaga kuba zarakoreshejwe kugira ngo ubutumwa bugezwe ku bantu bo mu nzego zo hejuru. Nubwo tugomba kubwiriza ubutumwa bwiza abakene dukwiriye, tugomba na none kubwigisha mu mucyo wabwo ureshya abantu cyane, tukabugeza ku bantu bafite ubushobozi n'impano, kandi tugakoresha umwete urushijeho kurangwamo ubwenge, kudakebakeba no kubaha Imana kurenza uko twigeze tubikora kugeza ubu kugira ngo abo bantu tubazane ku kuri.

Ariko kugira ngo ibyo bikorwe, abakozi bose bazaba basabwa kugira ubwenge bwo ku rwego rwo hejuru. Ntabwo bashobora gukora uyu murimo kandi ngo bimanure bishyire ku rwego rwo hasi rusanze, bibwira ko uko bakora cyangwa ibyo bavuga ntacyo bitwaye bitewe n'uko bari gukorera amatsinda y'abakene na rubanda rutajijutse. Bakwiriye kubanza gutyaza ubwenge, bakambara intwari kugira ngo babashe kwigisha abantu ukuri mu buryo bwa gihanga, no kugira ngo bashobore gushyikira abantu bo mu nzego zo hejuru. Ubwenge n'intekerezo byabo bikwiriye kuba biri mu rwego rwo hejuru, kandi bakerekana ko bifite imbaraga nogusobanukirwa.

...

Impamvu imwe yatumye kugeza ubu hadakoreshwa imbaraga [mu kubwiriza ubutumwa] ku bantu bo mu nzego zo hejuru nk'uko nabibashyize imbere, ni uko habuze kwizera Imana k'ukuri n'ubutwari.¹²⁰⁴

Mukoreshe Urushundura uko Bikwiriye: Abanyabwenge n'abantu b'abahanga bajijutse barirengagizwa cyane. Ntabwo urushundura runagwa mu mazi ngo rufate iri tsinda ry'abantu, kandi hamwe no gusenga ntihatekerezwa inzira n'uburyo byakoreshwa ngo aba bantu tubagezeho ukuri gushobora kubagira abanyabwenge mu by'agakiza. Abantu benshi muri rusange, baba ari abakunda ibigezweho, abakire n'abibona, bashingiye ku byo banyuramo, basobanukiye ko umunezero utabonekera mu mubare w'amafaranga menshi bafite, cyangwa amazu akomeye bafite, cyangwa ibikoresho by'umurimbo n'amashusho meza. Barashaka ikintu badafite. Ariko abo bantu bari mu rwego rumwe bashyikirana ubwabo, bityo kubageraho ntibyoroshye. Kubera iyo mpamvu, benshi muri bo bari kurimbukira mu byaha byabo kandi bifuzaga cyane ikintu cyabaha uburuhukiro, amahoro n'ituze mu ntekerezo zabo.

Hari igice runaka cy'umurimo cyakozwe mu buryo bwihariye butuma hari itsinda rinini ry'abantu batagejejweho ubutumwa.

Abakire birengagizwa ntihagire umuhati ukoreshwa ngo bakizwe, barushaho gutsimbarara ku bitekerezo byabo bwite. Imitekerereze yabo

1203 *Testimonies*, vol. 6, p. 78. (1900). [Ibihamya]

1204 *Manuscript* 14, 1887.

bwite n'abo bifatanya nabo bituma batarangamira iby'ubugingo bw'iteka bishyizwe imbere yabo. Barushaho kugwiza ubwibone n'ubwikanyize, bakinangira imitima kandi ntihagire ikintu kibanyura, kandi bagashidikanya bavuga ko buri muntu ashaka kubona amafaranga, mu gihe abakene bo baba bifuza iby'abakire, nyamara aba bakire bakeneye uwabagirira impuhwe aho kwifuza ibyabo. Nimuzane abo bose munsu y'imbaraga y'ukuri ikiza, bityo umurimo wo kuzamura inyubako y'ubwami bw'Imana uzakomeza kujya mbere ugere ku ntsinzi irushijeho gukomera.¹²⁰⁵

Bareshywa n'Ukuri kuboneka mu Byanditswe Byera: Abantu bari mu myanya yo hejuru igirirwa icyizere ku isi, bazareshywa n'ibyo Byanditswe Byera bivuga by'ukuri bivugitse mu mvugo yumvikana kandi yahuranyije.¹²⁰⁶

Irinde Ibitekerezo Bityaye: Abantu b'ibikomerezwa, n'abantu bize bashobora kugerwaho mu buryo bwiza ukoresheje uburyo bwo kwiyoroshya buva ku mibereho yera kuruta uko wakoresha ibitekerezo byose bityaye ushobora kubabwira. Hazatangwa isura nziza y'ubutumwa igihe idini izaba yuzuye imbaraga izatanga ubuzima n'iterambere. Binyuze mu murimo w'Umwuka Wera, aho imbuto nziza y'ukuri izabona umwanya mu mitima, uwayakiriye azatahura ko ibyo umuntu ararikira ari ibyaha gusa, atahure ko ibyo yirata ari ubusa kandi abone n'ubujiji bwe. Ibyo byose bigomba kwezwa bigakurwa mu ngoro y'ubugingo bw'umuntu maze ubuntu bw'Imana bugahinduka imbaraga iganje muri iyo ngoro. Ubwo ni bwo amahame yose y'ukuri atangira kumbura nk'uburabyo mu murima w'Imana. Ayo mahame ni ukwicisha bugufi, ubugwaneza, kwihangana n'urukundo.¹²⁰⁷

Igisha Ukuri Ukoresha Imvugoshusho n'Imigani: Ukuri gukwiriye kwigishwa mu buryo bunyuranye. Abantu bamwe bo mu nzego zo hejuru z'imibereho y'abantu bazasobanukirwa ukuri igihe kuzaba kuvuzwe hakoreshejwe imvugoshusho n'imigani.¹²⁰⁸

Gukururwa n'uko Ubutumwa Bwiza Buvuzwe mu Buryo Bworoheje: N'abantu bakomeye bakururwa cyane mu buryo bworoheje n'uko ubutumwa bwiza buvugwa mu mvugo yoroheje kuruta undi mwete wose wakoreshwa mu mbaraga za kimuntu. Dukeneye cyane imbaraga z'Imana kuruta uko dukeneye imbaraga nke zacu. Imana izakorera mu muntu w'umunyantega nke cyane wujijwe Umwuka wayo.¹²⁰⁹

Impano y'Ubwenge n'Amikoro: Tugomba gukorera abantu bo mu nzego zo hejuru umurimo udasanze. Uwiteka arahamagara abantu yaragije ubutunzi kugira ngo bakoreshe mu murimo we impano z'ubwenge n'ubutunzi yabahaye. Bamwe bazakorwa ku mutima n'Umwuka Wera kugira ngo bakoreshe umutungo w'Uwiteka mu buryo buzatuma umurimo

¹²⁰⁵ Manuscript 66, 1891.

¹²⁰⁶ Letter 111, 1904.

¹²⁰⁷ Letter 6b, 1890

¹²⁰⁸ Medical Ministry, p. 318. (1903)

¹²⁰⁹ Letter 72, 1899

We utera imbere. Bazasohozwa umugambi wayo bafasha mu gushinga ibigo bizaba umusemburo wo kwamamaza ubutumwa mu mijyi minini. Abakozi bacu bakwiriye gusobanurira abo bantu neza ibyo dukeneye. Nimutyo tubamenyeshe ibyo dukeneye kugira ngo dufashe abakene n'abatindi nyakujya, kandi twubake umurimo ku rufatiro rukomeye.¹²¹⁰

Mugire icyo Mukorera Abantu Bameze nka Koruneliyo: Mu gitekerezo cya Koruneliyo dushobora kuhigira isomo dukwiriye gusobanukirwa neza. Imana yo mu ijuru yohereza intumwa zayo kuri iyi si zizatangiza ibikorwa bizatuma Petero ahura na Koruneliyo, kugira ngo Koruneliyo amenye ukuri. Ayobowe na marayika, Petero yaje guhura n'abantu bibazaga byinshi bari biteguye ibintu byose kugira ngo bumve ukuri kandi bakire umucyo uruseho....

Guhinduka kwa Koruneliyo n'abo mu rugo rwe kwabaye umuganura w'ibisarurwa bikwiriye guhunika bivuye mu isi. Umurimo w'ubuntu bw'Imana wasakaye hose maze ugezwa mu mujyi w'abapagani uturutse mu rugo rwa Koruneliyo.¹²¹¹

Mu bwoko bw'Imana hakeneye kubamo ikanguka kugira ngo umurimo wayo urushaho kujya mbere ufite imbaraga. Dukeneye kubatizwa n'Umwuka Wera. Dukeneye gusobanukirwa ko Imana izongera ku mubare w'ingabo zayo abantu bafite ubushobozi n'imbaraga zo guteza impinduka mu bandi. Abo bantu ni bo bagomba gukora uruhare rwabo mu murimo wo kuburira. Ntabwo abantu bese bo ku isi bica amategeko kandi ngo bagome. Imana ifite abantu ibihumbi byinshi batigeze bapfukamira Bali. Mu matorero yaguye harimo abantu bubaha Imana. Iyaba bitari bimeze bityo, ntitwahawe ubutumwa tugomba kuvuga bugira buti: "Iraguye iraguye Babuloni, wa mudugudu ukomeye.... Bwoko bwanjye nimuwusohokemo." Ibyahishuwe 18:2-4.

Ubutumwa bwiza bugomba kubwirizwa mu mijyi yacu. Abantu bize n'abafite ijamba muri rubanda bagomba kumva ubutumwa. Ubutumwa ntibwagennye abera gusa, ahubwo n'abandi bantu b'amabara atandukanye bafite ubushobozi bakwiriye kwizera Imana. Bene abo bagomba kugeza ubutumwa kuri bene wabo, kandi bakwiriye gushyigikirwa mu gukora umurimo Uwitwaga yifuza ko wakorwa.

Mu murimo w'Imana hakenewe amasengesho menshi, imyitwarire nk'iya Kristo ndetse no gukurikiza ubushake bw'Imana biruseho. Kwigaragaza inyuma no kwerekana amikoro mu buryo bukabije ntibizigera birangiza umurimo ugomba gukorwa. Abantu benshi barahagizwa no gushaka umwuka w'ubugingo uvuye mu ijuru. Bazamenya ubutumwa bwiza igihe bazabushyikirizwa mu buryo Imana yagennye ko bugomba gutwarwa.

Kristo yaje mu isi yari ihugiranye cyane, yuzuye urusaku n'impaka mu bucuruzi, aho abantu bageragezaga kwikubiraho ibyo bashoboye byose mu

1210 *Medical Ministry*, p. 329. (1900).

1211 *Letter 17*, 1900.

bugugu bwabo. Kandi hejuru y'uwo muvurungano barimo, ijwi rye ryumvikanye rimeze nk'impanda y'Imana rigira riti: "Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe? Mbese umuntu yatanga iki ngo acungure ubugingo bwe?" Mariko 8:36, 37.

Kristo yereka abantu isi irushaho kuba nziza, isi bakuyeho amaso yabo, maze akababwira ko umudugudu uzahoraho ari uwubatswe n'Imana ubwayo. Abereka ukuntu amaremba y'ijuru ateye, ukuntu amurikirwa n'ubwiza bw'Imana ihoraho, kandi akabizeza ko ubutunzi bwo mu ijuru buzaragwa abanesha. Abararikira kurwana bafite umugambi wera wo kuzahabwa umurage wo kudapfa. Abahwiturira kubika ubutunzi bwabo iruhande rw'intebe y'Imana. Bityo, mu cyimbo cyo kwinaniza cyane kugeza ubwo barenza ubushobozi bwabo bagira ngo baronke ubutunzi bwo ku isi, ahubwo bakoresha imbaraga zose z'umubiri n'ubwenge bakorera Kristo. Kubwo gukoresha impano y'ubutunzi bafite kugira ngo bazane abantu kuri Kristo, bazaba bakora umurimo wo w'agaciro kenshi kuruta undi murimo uwo ari wo wose ukorwa mu isi.

Mu bantu bafite amafaranga menshi ku isi harimo bamwe bazita ku butumwa bw'imbuze buvuga buti: "Wihanangiririze abatunzi bo mu by'iki gihe, kugira ngo be kwibona cyangwa kwiringira ubutunzi butari ubwo kwizigirwa, ahubwo biringira Imana, iduha byose itimana ngo tubinezereye, kandi bakore ibyiza, babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabantu bakunda gutanga, bibikire ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo nyakuri." 1 Timoteyo 6: 17-19.¹²¹²

Abami n'Abaguverineri Bagomba Kumva Ubutumwa: Umucyo ugomba gushyirwa imbere y'abami n'abakomeye bo ku isi, nubwo bashobora kuwakira nk'uko umwami Farawo yakiriye ubutumwa bw'abagaragu b'Imana, maze akabaza ati: "Uwiteka ni nde, ngo numvire ndeke Abisirayeli?" Kuva 5:2

Abami, abaguverineri n'abandi bantu bakomeye bazumva ibyanyu babibwiwe n'ababarwanya, kandi kwizera kwanyu n'imico yanyu bizagorekwa bivugwe ukobitari imbere yabo. Ariko abazaba bararezwe ibinyoma bazagira amahirwe yo guhagarara imbere y'ababarega kugira ngo bisubirize ubwabo ku birego baregwa. Bazagira amahirwe yo kugeza umucyo imbere y'abitwa abakomeye bo ku isi. Kandi niba mwarize Bibiliya, kandi mukaba mwiguye gusubiza umuntu wese ubabajije iby'ibyiringiro byanyu mufite ubugwaneza no kubaha, abanzi banyu ntibazashobora kuvuguruzanya ubwenge bwanyu.¹²¹³

Kuburira Abayobozi b'Ibihugu: Abayobozi b'ibihugu bakeneye gushinga ibirenge byabo ku rufatiro rw'ukuri kw'iteka ryose. Ntabwo bakwiriye kwemererwa kubaka inzu zabo ku musenyi, babitewe no

¹²¹² Letter 51, 1902.

¹²¹³ Review and Herald April, 26, 1892.

kutamenya. Abo bantu ntibakwiriye gusengwa cyangwa kuramywa nk'aho ari ibigirwamana. Ibyo bakora bazabibazwa n'Imana. Bagomba kuyisubiza mu butabera niba bemeye kuba impumuro y'urupfu izana urupfu ku bo bayobora.¹²¹⁴

Akaga Gaterwa no Kugubwa Neza: Amateka y'abantu tuyigiramo uburyo kugubwa neza ari akaga. Abantu babuze amafaranga yabo n'ubukungu bwabo si bo bari mu kaga gakabije, ahubwo ababonye ubutunzi bwinshi kandi bakaba bari mu myanya yo hejuru. Aba ni bo bakeneye gukorera umurimo witondewe kandi ukoranwe umurava. Imibereho mibi ishobora gutera umuntu kwitakariza icyizere, ariko ubukungu no kugubwa neza nabyo bizamura umuntu bikamugeza ku gushidikanya.

Akenshi tujya dusabwa gusabira abagabo n'abagore bashengurwa n'intimba, kandi ni ko bakwiriye kugenda koko. Ariko amasengesho akomeye cyane akwiriye gusabirwa abantu bari mu myanya yo kugubwa neza cyane. Abo bantu baba bari mu kaga gakomeye ko kuba babura ubugingo. Iyo turi mu gikombe cyo gucishwa bugufi no gusuzugurwa, dushobora kugenda dutekanye igihe twubaha Imana kandi akaba ari yo tugira ibyiringiro byacu. Iyo turi ku gasongero k'isumbwe, aho twumva amagambo yo kudusingiza, aho ubwenge bwacu no gukomera kwacu biba byogezwa, aho ni ho tuba dukeneye imbaraga idasanzwe. Tuba dukeneye ukuboko kudasanze ko kudukomeza.

Uku ni ko dukwiriye kubona abantu tudasangiye kwizera. Abantu bashyirwa hejuru kandi basingizwa baba bakeneye ubufasha bukomeye buva mu kwiyorosha kwa Kristo. Bakeneye gusengerwa bikomeye kandi nta gucogora kugira ngo bakire kurimbuka.¹²¹⁵

ABAGABURA B'AYANDI MADINI

Nimwegere Abagabura Tutizera Kimwe: Abagabura (abapasitoro) bacu bakwiriye gushaka ukuntu bakwegere abapasitoro bo mu yandi matorero. Musabire abo bantu kandi mufatanye na bo gusenga, kuko Kristo abasabira. Abo bavugabutumwa bafite inshingano ikomeye. Nk'intumwa za Kristo, dukwiriye kugaragaza ko twitaye cyane kuri abo bashumba b'umukumbi.¹²¹⁶

Akamaro ko Kugira icyo Dukorera Abandi Bagabura: Umurimo ukoranywe ubwenge n'umuhati utajegajega ukwiriye gukorera abagabura tudasangiye kwizera. Hari abantu benshi batagira ikindi bazi uretse kuyobya n'abapasitoro b'ayandi matorero. Abakozi bakiranuka, bubaha Imana kandi b'abanyamwete, ba bandi ubugingo bwabo buhishanwe na Kristo mu Mana, nimureke basenge kandi bagire icyo bakorera abo bapasitoro b'inyangamugayo bigishijwe kugoreka Ijambo ry'ubugingo.

¹²¹⁴ Letter 187, 1903

¹²¹⁵ Letter 72, 1899

¹²¹⁶ Testimonies, vol. 6, p. 78. (1900). [Ibihamya]

Uyu murimo abapasitoro bacu bakwiriye kuwugira igikorwa kidasanzwe bakorera abo bagabura. Ntibakwiriye guhangana na bo, ahubwo, bifashishije Bibiliya, bakwiriye kubahwiturira kwiga Ijambo ry'Imana. Ibi biramutse bikoze, ubu hari abapasitoro benshi babwiriza ibinyoma bazahinduka bakabwiriza ukuri kwagenewe iki gihe.¹²¹⁷

Kuki abo Bagabura Bakwirengagizwa?: Hari ibintu byinshi abantu bacu bagiye batakaza bitewe no gukurikiza igenamikorere ihiniye bugufi ku buryo abantu b'abanyabwenge cyane, abantu bize amashuri ahanitse usanga batagezwaho ubutumwa. Akenshi umurimo wagiye ukorwa mu buryo bwateye abatizera kwibwira ko ari umurimo w'agaciro gake, kandi bamwe bahushije intego yo kugira ubwuzu mu by'iyobokamana. Hari ibintu byinshi twatakaje bitewe no kutagira uburyo bwiza bw'imikorere. Birakwiriye gukoresha umwete wose kugira ngo umurimo dukora uhabwe agaciro n'isura nziza.

Kugira ngo umuntu agere ku bagabura [b'andi matorero] n'abandi bantu bafite ijambo muri rubanda bisaba ubwenge bwinshi. Ariko se ni kuki ubu bakwirengagizwa nk'uko birengagijwe [mu bihe byashize] n'abantu bacu? Abo bantu Imana hari icyo Imana izababaza ikurikije impano bahawe. Abahawe byinshi, bazabazwa byinshi. Mbese ntihakwiriye kubaho kwiga byimbitse n'amasengesho menshi kugira ngo duhabwe ubwenge tube twamenya uko twageza [ubutumwa] kuri ayo matsinda y'abantu? Mbese ntidukwiriye gukoresha ubwenge n'ubuhanga bwihariye kugira ngo turonke abo bantu bazahinduka ibikoresho bitunganiye neza mu biganza by'Imana bakageza ubutumwa ku bandi igihe bazaba bahindutse by'ukuri? ... Turamutse dushoboye gukiriza Kristo abantu Imana yahaye ubushobozi bwinshi, binyuze muri abo bantu, imbaraga ihindura abandi dufite yazahora yaguka, kandi yahinduka imbaraga isakaza ibyiza kure cyane.

Imana ifite umurimo ukwiriye gukorwa ariko abakozi bayo ntibarawusobanukirwa byuzuye. Abagabura n'abanyabwenge b'isi bakwiriye gushungurwa n'umucyo w'ukuri kwagenewe ab'iki gihe. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugomba gushyirwa imbere yabo mu gaciro kabwo nyakuri nta gukikira. Hagomba kubaho gushaka Imana kumaramaje, hakabaho Ijambo ryayo nta gukebakeba; kubera ko imbaraga z'ubwenge zizakoreshwa cyane mu gutegura gahunda z'ibikorwa zizatuma umurimo w'Imana ugera ku rugero rwo hejuru. Urwo ni rwo rugero wakagombye kuba waragezeho, ariko kubera abantu bafite ibitekerezo bitareba kure n'igenamikorere rihiniye bugufi, umurimo wagize inkomyi kandi ucishwa bugufi.¹²¹⁸

Ntabwo Abantu bose Bazemera Ukuri: Nyuma yo gukoresha imbaraga zose n'umwete wose kugira ngo ukuri gushyirwe imbere y'abantu Imana yahaye inshingano nyinshi, nibanga uko kuri ntimuzacike intege. No mu gihe cya Kristo ni ko byagenze. Mukore uko mushoboye kugira ngo agaciro

¹²¹⁷ Letter 72, 1899.

¹²¹⁸ Review and Herald, Nov. 25, 1890. [Urwibutso n'Integuza].

k'umurimo w'Imana kagumeho mukoresheje gahunda y'imirimo itegurwe neza n'ibiganiro birangwa no kwera. Ntimukibwire ko mwakabije kuzamura urugero rukwiriye abantu bagomba gushyikira.¹²¹⁹

Kubwiriza mu Yandi Matorero: Ushobora kugira amahirwe yo kubwiriza mu yandi matorero. Mu rwego rwo gukoresha neza ayo mahirwe ugize, uje wibuka amagambo Umukiza wacu yavuze ati: "Nuko mugire ubwenge nk'inzoka kandi muzabe nk'inuma mutagira amahugu." (Matayo 10:16). Irinde kubyutsa urwango rw'umwanzi ukoresha kuvuga amagambo asenya abandi. Nukoresha bene ayo magambo, uzaba usibye amayira ukuri kwagombaga kwinjiriramo. Ubutumwa bwumvikana butarimo urujijo ni bwo bukwiye gutangwa. Ariko ukwiriye kwirinda imvugo yatera guhangana. Hari abantu benshi bakeneye gukizwa. Irinde imvugo yose ikakaye kandi isharira. Mu magambo yawe n'ibikorwa byawe, jya uba umunyabwenge uganisha abandi ku gakiza, garagariza Kristo abo uhura nabo bose. Reka abantu bose babone ko ibirenge byawe bikwese inkweto z'ubutumwa bwiza bw'amahoro bubiteguza kandi bubifuriza ibyiza. Nitwinjira mu murimo twuzuye Umwuka wa Kristo, tuzabona umusaruro utangaje. Nituramuka dukoze umurimo dukiranuka, dufite imbabazi n'urukundo, tuzabona ubufasha igihe tuzaba tubukeneye. Ukuri kuzanesha, maze gutahane intsinzi.¹²²⁰

KUBWIRIZA UBUTUMWA ABARI MU RWEGO RUCIRIRITSE

Itsinda ry'Abantu Ritaruhije Kugeraho: Hanyuma, hari urundi rwego rw'abantu rutagoye kugeraho. Benshi muri bo usanga bakeneye cyane kugerwaho kurenza abakungu batunze byinshi, kubera ko abenshi muri abo bakungu batabonye ubutunzi bwabo biciye mu gukurikiza amahame adakebakeba y'ubupfura. Harimo bamwe badashobora kwica amahame cyangwa ngo batatire ubunyangamugayo kugira ngo bakunde babone ubutunzi bwinshi. Iri ni itsinda ryakwakira ukuri igihe bakubwiye mu mwuka w'ubwenge, kandi baba abakozi b'abiringirwa bakorana n'Imana. Binyuze mu bwenge butangwa n'Imana, umukozi azakora ku buryo azahuriza abo bantu muri Kristo Yesu.¹²²¹

Twabageraho Dute? None se twagera kuri rubanda rwa giseseka dute? Kristo nawe yagerageje gukorana n'abanyacyubahiro mu bategetsi b'igihugu. Ariko ntibamwemeye, kubera ko yababwiraga ukuri. icyo bashyiraga hejuru y'ibindi ni ibitekerezo by'imyizerere byerekeye ubutungane bwabo bwite. Ntabwo bashoboraga kwigishwa. Batekerezagako umurimo wabo uwo kwigisha abandi, ko bo ubwabo badakwiriye kwigishwa. Ariko ku byerekeye abakene, Ibyanditswe Byera birahamya bita: "Abenshi bo muri iryo teraniro bamutegeraga amatwi banezerewe." (Mariko 12:37) "Mana, witeguriye umunyamubabaro kubwo kugira neza kwawe." (Zaburi 68:10).

¹²¹⁹ Letter 12, 1887

¹²²⁰ Manuscript 6, 1902.

¹²²¹ Manuscript 66, 1902

“Umwami Imana yatanze itegeko, abagore bamamaza inkuru baba benshi.” (Zaburi 68:11).¹²²²

Kristo Yegereye Intekerezo Zabo: Dushobora kugera kuri byinshi mu gihe gito turamutse dukoze nk’uko Kristo yakoraga. Dushobora gutekereza ku buryo yakoresheye yigisha bikatwungura. Yahirimbana gushyikira intekerezo za rubanda rusanze. Imvugo ye yari yeruye, yoroshye kandi yumvikana. Imfashanyigisho yakoresheye yazikuraga mu bintu byariho ababaga bamuteze amatwi bari bamenyereye cyane. Yifashishije ibyaremwe, yasobanuraga ukuri gufite agaciro k’iteka ryose, bityo agahuza ijuru n’isi.¹²²³

Nimwige Kwiyoroshya kwa Kristo: Umukiza wacu yaje “kubwiriza abakene ubutumwa bwiza,” (Matayo 11:5). Mu myigishirize ye, yakoresheye amagambo yoroshye cyane kandi agakoresheye n’ibimenyetso byumvikana cyane. Kandi byanditswe ngo: “abenshi bo muri iryo teraniro bamutegeraga amatwi banezerewe.” Abantu bashakaga gukora umurimo we ugomba gukorwa muri iki gihe, bakeneye kwiga byimbitse inyigisho yigishije.¹²²⁴

Ubwoko bw’Imana Bugizwe Ahanini na Rubanda Rusanze: Ubwoko bw’Imana bugizwe ahanini n’abakene bo muri iyi, ari bo rubanda rwa giseseka. Ntabwo abahamagawe ari abanyabwenge benshi, cyangwa abakomeye benshi n’imfura nyinshi. (1 Abakorinto 1: 26). Imana “yatoranije abakene bo ku isi.” “Abakene babwirijwe ubutumwa bwiza.” Mu buryo bumwe, abakire nabo barahamagarwa, kandi baratwumirwa, ariko baninira ubutumire. Nyamara muri iyi mijyi yashyishije, Uwitwaga afitemo abantu benshi bacishije bugufi ariko kandi babiririrwa.¹²²⁵

Niba Abantu Bakunda cyane Umucyo w’Imana: Ku Mana nta matsinda atandukanye y’abantu abaho. Ntabwo yita ku cyitwaga ubwoko cyangwa itsinda cyose. Abantu bose ni ab’igiciro imbere yayo. Gukora hagamijwe kugeza abantu ku gakiza ni umurimo ukwiriye icyubahirira cy’ikirenga. Umurimo twakora uwo ari wo wose ntacyo bitwaye, cyangwa itsinda twawukoreramo ryose nabyo ntacyo bitwaye, haba mu bakomeye cyangwa rubanda rugufi. Imbere y’Imana, ayo matandukaniro ntacyo azahindura ku gaciro nyakuri k’umurimo uhakorera. Umuntu ufite umutima umenutse, akaba arangwa n’ukuri n’umurava, nubwo yaba ari umuswa ate, ni uw’igiciro cyinshi mu maso y’Imana. Imana ishira ikimenyetso (sinyatire) cyayo ku bantu, ititaye ku rwego barimo, ku mutungo bafite, cyangwa ku gukomera mu by’ubwenge, ahubwo ishira ku bumwe bafitanye na Kristo. Ari abantu batigeze bakandagira mu ishuri, ari abafatwa nk’ibicibwa, ari umucakara, niba yarakoresheje neza amahirwe yabonye, niba yarakunze cyane umucyo yahawe n’Imana, ubwo aba yakoze ibintu byose yasabwaga gukora. Ab’isi bashobora kumwita injiji, ariko Imana yo imwita umunyabwenge n’umuntu mwiza, bityo izina rye

1222 Manuscript 125, 1897.

1223 Manuscript 24, 1903.

1224 Ministry of Healing, p. 443. (1905)

1225 Manuscript 17, 1898.

rikaba ryanditswe mu bitabo byo mu ijuru. Imana izamuha ibimukwiriye byose kugira ngo ayiheshe icyubahiro, bitari mu ijuru gusa, ahubwo no kuri iyi si.¹²²⁶

GU KORERA IKIREMWAMUNTU CYACUMUYE

Umurimo Wacu ni Ugukorera Ikiremwa Muntu Cyaguye: Abantu b'abanenganenzi, abagizwe imbata n'itabi, ibiyobyabwenge, n'abishwe n'inzoga zikomeye ni benshi. Ariko uko byagenda kose, dukwiriye kubashyira ukuri. Ukuri kwakoze ibitangaza muri Australiya, kandi kuzakomeza gukora ibikomeye. Uko twizera Umwami wacu Yesu Kristo n'uko twizera ukuri kwagenewe iki gihe, ntibikwiriye kuguma gusa mu bantu bakira Kristo. Kristo yafiriye kugira ngo akize abatuye isi bose, bityo dukwiriye kurushaho gukorana ishyamba mu kurangiza uruhare rwacu. Dukwiriye kumva ko aho ikiremwa muntu cyaguye kibarizwa hose ari ho rubuga rw'umurimo wacu. Imana yica kuri abo bantu . . . Nta muntu n'umwe ukwiriye kwirengagizwa ngo asigare arindagirira mu mwijima.¹²²⁷

Abakire Bamwe Bataye Agaciro Bakeneye Gukizwa: Imijyi yacu minini iragenda yihutira kumera nk'uko isi yari iri mbere y'umwuzure, ubwo "Uwiteka yabonaga yuko ingeso z'abantu zari mbi cyane mu isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ko ari kubi gusa iteka ryose" (Itangiriro 6:5).. Ibyaha bikoze Imana isoni bikorwa n'abantu baba mu mazu ya cyami, ariko bamwe muri bo nibabwiriza ubutumwa bw'ishungura buheruka, bazatsindwa mu mitima maze bahinduke.

Imana ishobora gukora mu kigeza cyayo kitigera gishiramo imbabazi maze ikazigirira abantu bose bayisanze. Iyo yitegereje ikiremwa muntu cyaguye kigata agaciro, ivuga ko Umwuka Wera azasukwa ku bantu bose. Ubwo abantu benshi batigeze bumva ukuri kudasanzwe kwagenewe ab'iki gihe bazumva ubutumwa bufite agaciro gakomeye, bazatsindwa n'Umwuka w'Imana....

Imana izahagurutsa abakozi bazajya mu myanya ikomeye, abo bazaba abakozi bazageza ukuri ahantu hagaragara ko nta musaruro wari kuzahava. Aho abantu bigeze kuvuga ngo, "oya", noneho bazavugaga ngo, "Yego." Abantu bamwe bigeze kuba abanzi [b'ukuri], bazahinduka abafasha b'igiciro cyinshi, bateze umurimo imbere, bakoresheje umutungo wabo n'ijambo bafite mu bantu.¹²²⁸

Korera Abantu Baguye: Nta kintu kizigera cyangwa cyigeze gihesha agaciro umurimo wo kubwiriza abantu ukuri nk'umurimo wo gufashiriza abantu aho bari, akaba ari umurimo nk'uw'umusamariya mwiza yakoze. Umurimo ukoze neza wo gukiza abanyabyaha b'impeyamajyo bagiye birengagizwa n'amatorero, uzaba urwinjiriro ukuri kuzanyuramo kugira ngo kubone aho gushing imizi mu mitima y'abantu. Nk'ubwoko bw'Imana,

¹²²⁶ *Gospel Workers*, p. 332. (1915).

¹²²⁷ *Letter 76*, 1899.

¹²²⁸ *Review and Herald*, Sept. 30, 1902.

muri twe hakeneye gushyirwaho gahunda idasanze y'imigendekere y'ibintu, kandi mu gukora bene uyu murimo hakwiriye kujyaho umwuka utandukanye rwose n'usanzwe ukikije ubugingo bw'abakozi, kuko Umwuka Wera avugana n'abantu bose bari gukora umurimo w'Imana, kandi abagize icyo bakorerwa n'Umwuka Wera bazahinduka imbaraga zijyana ku cyiza mu murimo wo kuzahura, gukomeza no gukiza ubugingo bw'abantu bagiyeye kurimbuka.¹²²⁹

Kurinda Abantu Gutererana: Dukwiriye gukoresha umutungo wacu n'impano zacu zijyana n'ijambo dufite mu bantu maze tukabikoresha mu murimo wo kwamamaza ukuri kuzatuma abantu bareka kuba intabwa. Nitwinjira mu murimo Uwituka yaduhaye ngo dukore, ukuri kuzagera ku bantu benshi bo muri iri tsinda ry'abafatwa nk'ibicibwa binyuze mu miyoboro itandukanye. Ariko ntidukwiriye kwirengagiza ibyerekezo by'umurimo Uwituka yadutegetse gukora. Abantu b'ingeri zose bakwiriye kugezwaho ubutumwa.

Iyaba abakorera umurimo mu bantu bafatwa nk'ibicibwa ndetse n'abaguye bakoranaga kubaha Imana, bagaharanira gutuma abo bakorera basobanukirwa icyo ukuri ari cyo, benshi muri abo bafatwa nk'ibicibwa bagaragara ko ari abana b'Imana.¹²³⁰

Gutoranya Abakozi bo Gukorera Abirengagijwe Bafatwa nk'Ibicibwa: Mu kugeza ubutumwa mu bafatwa nk'ibicibwa hakwiriye gukoreshwa ubushishozi bukomaye. Ari abasore, ari inkumi, bose bakwiriye koherezwa ahanu hacye bugufi ho mu mijyi yacu. Ibyo amaso y'abasore n'inkumi areba n'ibyo bumva bikwiriye kurindwa ikibi. Hari ibintu byinshi urubiruko rushobora gukorera Shebuja. Abasore n'inkumi nibaba maso, bagasenga kandi bakiringira Imana, bazategurirwa gukora imirimo itari imwe kandi y'agahebuzo bayobowe kandi bakurikiranwa n'abakozi babifitemo ubunararibonye.¹²³¹

UMUNYAMAHANGA MURI TWE

Kugeza Ubutumwa mu Mahanga yose, ku Bantu b'Inzego zose n'Amadini yose: Kristo ntiyigeze yita ku itandukaniro ry'abantu ashingiye ku bwenegihugu, urwego babarizwamo cyangwa idini. Abanditsi n'Abafarisayo bashakaga ko impano ijuru ritanga ziba inyungu y'umwihariko kuri bo nk'ishyamba n'igihugu cyabo, maze abandi bose basigaye bumuryango w'Imana ku isi bagahezwa. Ariko Kristo yazanwe no gusenya urusika rwose rwatandukanyaga abantu. Yaje kwerekana ko impano ye y'ubuntu n'urukundo idafite imbibi ifungiranwemo itagomba kurenga nk'uko biri ku mwuka, ku mucyo w'izuba, cyangwa ku mvura igwa maze igahembura ubutaka.¹²³²

¹²²⁹ Manuscript 14a, 1897

¹²³⁰ Letter 143, 1904

¹²³¹ Medical Ministry, p. 312. (1901).

¹²³² Ministry of Healing, p. 25. (1905).

Abanyamahanga mu Gihugu Kitari Icyabo: Mu bibuga no mu tuyira duto byo mu mijyi minini, mu mihora yitaruye inzira nyabagendwa yo mu byaro, aho hose hari imiryango n'abantu bibana (bashobora kuba ari abanyamahanga mu gihugu cy'amahanga), batagira amadini babarizwamo, kandi mu bwigunge bwabo bagera ubwo batekereza ko Imana yabibagiwe. Ntabwo basobanukirwa n'icyo bakwiriye gukora kugira ngo bakizwe. Benshi muri bo basaye mu byaha. Abandi benshi bari mu bwihebe. Baremerewe n'umubabaro, ubukene, ntibafite kwizera kandi bamaze gucika intege ndetse bafite ishavu. Bababazwa n'indwara z'amoko yose, zaba iz'umubiri iz'umutima (ubugingo). Bifuza cyane kubona ihumure kubw'amakuba bafite, kandi Satani arabashuka ngo bashakire iryo humure mu irari no mu binezeza bibajyana mu kurimbuka n'urupfu. Abaha amatunda y'i Sodomo, agera ku minwa yabo agahinduka ivu. Batanga amafaranga yabo bagura ibintu bitari ibyokurya nyabyo, kandi bagakorera ibyokurya bidahaza.¹²³³

Umugambi Imana Ifitiye Abasuhuke bo mu Gihugu cyacu: Mu gihe hari imigambi iri gushyirwa mu bikorwa kugira ngo abantu batuye mu bihugu bitandukanye bya kure bagezweho ubutumwa bw'imbuze, hari byinshi bigomba gukorerwa abanyamahanga baje mu gihugu cyacu. Ubugingo bw'abantu bari mu Bushinwa ntibufite agaciro karenze ak'ubw'abantu bari mu miryango yacu. Ubwoko bw'Imana bugomba gukorera mu bihugu bya kure bukiranutse bukurikije uko Imana mu bushobozi bwayo izajya ikingura inzira. Kandi bagomba na none gusohoza inshingano yabo bakwiriye gukorera abanyamahanga bakomoka mu bihugu bitandukanye bari mu mijyi n'imidugudu ndetse no mu ntara z'icyaro zegereye imijyi.

Ni byiza ko abantu bafite inshingano bari gutegura neza uburyo bwo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu ngo bugere ku banyamahanga ibihumbi amagana menshi baba muri Amerika. Imana ishaka ko abagaragu bayo bakora inshingano yabo yose bafite ku bantu miliyoni nyinshi bataraburirwa baba mu mijyi, ariko cyane cyane abantu b'abimukira baje mu gihugu cyacu bavuye mu mahanga yo ku isi. Ku bw'ubuntu bw'Imana, abenshi muri abo banyamahanga bari ino ari ukugira ngo bagire amahirwe yo kumva ukuri kwagenewe ab'iki gihe.

Hari inyungu nyinshi cyane zaza ku murimo w'Imana mu turere twa kure haramutse habayeho gukoresha umwete urangwa no gukiranuka kugira ngo ubutumwa bugezwe ku banyamahanga bari mu mijyi y'igihugu cyacu. Muri abo bantu harimo abagabo n'abagore, igihe bemeye ukuri, bashobora kuzuza ibyangombwa bikwiriye kugira ngo bageze ubutumwa kuri bene wabo bari muri iki gihugu cyangwa mu bindi bihugu. Abenshi muri bashobora gusubira mu bihugu baje baturukamo buzuye ibyiringiro byo kuzana incuti zabo zikayoboka ukuri. Bashobora gushakisha bene

1233 *Christ's Object Lessons*, pp. 232, 233. (1900)

wabo n'abaturanyi babo, bakabamenyesha ubutumwa bwa marayika wa gatatu.¹²³⁴

Amikoro yo Kwagurira Umurimo mu Mahanga yose: Imana yashimishwa no kubona ubwoko bwayo bwarakoze ibintu byinshi cyane mu kugeza ukuri kugenewe iki gihe ku banyamahanga bari muri Amerika kurenza uko byigize bikorwa. mu myaka yashize. ...Nk'uko nabihamije mu myaka yose ishize, iyaba twihutiraga gusobanukirwa ubuntu bw'Imana budukingurira amayira, twabasha kubona ko amahirwe ariho agenda yiyongera yo kugera ku banyamagahanga bari muri Amerika ari uburyo bwashyizweho n'Imana ngo busakaze hose mu buryo bwihuse ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu mahanga yose yo ku isi. Imana mu mugambi wayo yazanye abantu irabatwegereza cyane, ibadushyira mu maboko kugira ngo babashe kumenya ukuri, kandi babashe kuzuza ibyangombwa bizababashisha gukora umurimo tutajyaga gushobora tugeza umucyo ku bantu bavuga izindi ndimi.

Imbere yacu hari umurimo ukomeye. Isi ikeneye kuburirwa. Ukuri kugomba gusobanurwa mu ndimi nyinshi kugira ngo amahanga menshi ashimishwe n'imbaraga yako iboneye kandi itanga ubugingo. Uyu murimo urasaba ko hakoreshe impamo zose Imana yaduhaye, - zirimo kwandika, gukoresha ibitangazamkuru, gukoresha ijwi, amafaranga ndetse n'amarangamutima yejeje aranga ubugingo bwacu. Kristo yatugize intumwa ze ngo tumenyeshe abana babantu iby'agakiza ke; kandi nitwambara gukiranuka kwa Kristo ndetse tukaba twuzuye ibyishimo biterwa n'uko Umwuka Wera aba ari muri twe, ntabwo tuzicara ngo twiturize.¹²³⁵

Mu Baturanyi Bacu ba Bugufi: Ubutumwa bugomba kubwirwa abanyamahanga ibihumbi byinshi batuye mu mijyi yacu. ...

Ni nde wumva afite umutwaro umuremereye wo kubona ubutumwa bubwirizwa mu mujyi munini wa New York no mu yindi mijyi itaragezwamo ubutumwa? Ntabwo amafaranga ashobora gukusanywa agomba koherezwa ngo ave muri Amerika ajye mu bihugu bya kure yose uko yakabaye mu gihe mu gihugu cyacu hari amahirwe atangaje yo kubwira ukuri za miliyoni nyinshi z'abantu batarigera bakumva. Muri abo bantu benshi harimo abahagarariye ibihugu byinshi, kandi benshi muri bo biteguye kwakira ubutumwa. Hari byinshi bisigaye bitarakorwa kandi bigomba gukorwa mu baturanyi bacu ba bugufi, mu mijyi ya Kaliforniya, New York no mu zindi leta nyinshi. ..

Bene Data na bashiki banjye, nimukanguke, nimukanguke, maze mwinjire mu duce twa Amerika tutaragerwamo n'ubutumwa. Igihe mumaze kugira icyo mutanga ngo gikore umurimo mu bihugu by'amahanga, ntumuzatekereze ko murangije inshingano yanyu. Hari umurimo ukeneye

¹²³⁴ *Review and Herald*, Oct. 29, 1914. [Urwibutso n'Integuza].

¹²³⁵ *Review and Herald*, Oct. 29, 1914. [Urwibutso n'Integuza]

gukorwa mu bihugu by'amahanga, ariko kandi hari n'ugomba gukorwa muri Amerika nawo w'ingenzi. Mu mijyi ya Amerika hari abantu bavuga indimi hafi ya zose zo ku isi. Abo bose bakeneye umucyo Imana yahaye Itorero ryayo.¹²³⁶

Dushimishwa n'uko umuhati wakoreshejwe n'abakozi bagiye ku ruhembe rw'imbere bakajyana ubutumwa mu bantu bavuye mu mahanga atari amwe bari muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika no muri Canada babonye umusaruro mwinshi w'imitima y'abantu.¹²³⁷

Imijyi y'Urufatiro mu Murimo wo mu Mahanga: Twagiye mu modoka tuyya kureba misiyoni nshyashya y'Abanyasuwe yashinzwe ku muhanda wa Oak wo mu mujyi wa Chicago. Tugezeyo batweretse inzu yari iherutse kugurwa na bene Data na bashiki bacu b'Abanyasuwe bari bayobowe n'umukuru..... Iyo nzu yari icyicaro cy'umurimo bakorera mu mujyi wa Chicago. Iyo kandi yasaga neza. Mu gice cyayo cyo hasi bari barashyizemo resitora ifite ibyangombwa byose igabura ibyokurya bitarangwamo ibikomoka ku matunda. Mu igorofa rya mbere hari icyumba kinini kandi kinejeje kigenewe kubera amateraniro, gifite ibyicaro byiza cyane gishobora kwakira abantu bagera ku ijana na mirongo itanu. Andi magorofa abiri akurikiraho yarakodeshwaga, ari amacumbi. Nashimishijwe cyane no kubona icyo gihamba cy'iterambere ry'umurimo Abanyasuwe bakoreraga mu mujyi wa Chicago.

Mu mijyi minini yo muri Amerika, hari umurimo ugomba gukorerwa abantu bo mu mahanga yose bayituyemo, kandi ahantu ho guhurira nk'aha h'Abanyasuwe hashobora gufasha cyane mu rwego rwo gukurura intekerezo z'abantu ndetse no mu guhugura abakozi. Muri buri mujyi munini wo muri Amerika hari abantu bafite ubwenegihugu butandukanye bagomba kumva ubutumwa bwagenewe iki gihe. Ndifuzaga cyane kubona ikimenyetso cyerekana ko uburyo bw'imikorere bwashyizweho n'Uwiteka bukurikizwa nta kujijinganya. Umurimo umeze nk'uri gukorwa mu mujyi wa Chicago kubw'Abanyasuwe bahatuye ukwiriye gukorerwa n'ahandi hantu henshi.¹²³⁸

Hagomba Gukoreshwa Uburyo Burangwa no Kwigengesera: Hari umuntu umwe wahoze akorera ahantu hitwa-----, ... kandi twarakoranaga, nuko twifuza cyane kumufasha kugira ngo akore uwo murimo adakora nk'umuntu w'umurwanyu, utongana kandi ujya impaka nk'uko kari akamenyereye ke, kuko yatumaga abantu bahungu ukuri aho kugira ngo abatere kugusanga. Yabonye ko tuvuye dutuje, tudasukiranywe amagambo menshi tubwira abantu yo kubananga no kubaciraho iteka. ...

Uyu muvandimwe . . . yatubwiye ko yabonye umucyo mwinshi, kandi ko yifuza gukora mu buryo butandukanye n'ubwo yakoresheje. Hari abantu bagira ubwuzu bukabije. Bakoresha imbaraga zabo zose mu gukora

1236 *Testimonies*, vol. 8, pp. 34-36. (1904) [Ibihamya].

1237 *Review and Herald*, Oct. 29, 1914. [Urwibutso n'Integuza]

1238 *Review and Herald*, Feb. 9, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

hutihuti, maze kubwo ugukoreshwa n'ubwuzu bwinshi cyane bakavuga bati, "Ibi si ko bimeze? None muzakora iki? Muzajya muruhuka Isabato? Nimusubize 'Yego' cyangwa 'Oya!'" Bafite amagambo atyaye nk'urwembe, maze agaca abantu amatwi, ...bityo umurimo utuma abantu bayoboka ukuri ukaba urangiriye aho.

Muri iki gihe dukwirye gukorana n'abantu b'abahanga by'ukuri, nk'uko twakoranaga n'abameze batyo umwe umwe mu itangira ry'umurimo w'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi; ubwo abo bantu b'igicro cyinshi twabatandukanyaga n'inzira zabo n'imigirire itejwe, tukababwira ibya Yesu, urukundo rwe rwinshi, ukwiyoroshya kwe, ukwicisha bugufi kwe no kwiya kwe. Niba bishoboka, ayo mabuye adaconzwe tuzana mu ruganda rw'Imana, aho azabarizwa kandi agacungwa, ndetse agakurwaho ibihanga byose, azatunganywa rwose n'ukuboko kw'Imana kugeza ubwo ahindutse amabuye y'agaciro mu ngoro y'Imana kandi azaba amabuye mazima arabagirana umucyo. Ubwo ni bwo bashobora gukurira mu rusengero rwera rw'Imana.¹²³⁹

Gucapa Ibitabo mu Ndimi Zose: Kugeza ubutumwa bw'imbuze ku mahanga yose ni wo mugambi w'imihati tugira. ... Abavugabutumwa bagomba kuva mu muji bajya mu wundi kandi bakava mu gihugu bajya mu kindi. Bagomba kwitwaza ibitabo n'inyandiko byanditswemo isezerano ryo kugaruka k'Umukiza wacu kuri bugufi. Ibyo bitabo bigomba guhindurwa mu ndimi zose kugira ngo ubutumwa bwiza bugomba kubwirizwa isi yose.¹²⁴⁰

KUBWIRIZA UBUTUMWA ABAGATULIKA

Dukwiriye Kwitondera Uburyo Dukoresha: Igihe twinjiye ahantu, ntidukwiriye kubaka urukuta rw'inzitizi rutari ngombwa rwajya hagati yacu n'andi matorero, ariko by'umwihariko Abagatulika kugira ngo batazatekereza ko turi abanzi babo gica. Ntidukwiriye kubaka umwuka w'urwikekwe mu ntekerezo zabo bitari ngombwa binyuze mu kubasanga nk'ababagabye ho igitero....Nkurikije ibyo Imana yanyeretse, hari abantu benshi cyane mu Bagatulika bazakizwa.¹²⁴¹

Umurimo wo Kwitonderwa: Bene Data, mukwiriye kwitonda mukigengesera mu murimo mukora, kugira ngo mutibasira urwikekwe rw'abantu muvuga mwihanikiriye. Ntihakwiriye kubaho guteshuka inzira kugeza ubwo habaho kwibasira andi matorero; kuko ibyo nta kindi bizana uretse umwuka w'ubushyamba kandi bigatuma binafunga amatwi y'abantu n'imitima yabo bityo ukuri kukabura ho kwinjirira. Dufite umurimo wacu tugomba gukora, atari uwo gusenya ahubwo wo kubaka. Tugomba kuziba icyuho cyaciye mu mategeko y'Imana. Kubaka ni umurimo w'icyubahiro cyinshi, ni umurimo wo kwigisha abantu ukuri mu

¹²³⁹ Letter 44, 1886.

¹²⁴⁰ Review and Herald, Feb. 9, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

¹²⁴¹ Manuscript 14, 1887.

mbaraga n'ububasha bwako. Bityo nimureke ukuri guce inzira mu rwikekwe maze guhishure ukuntu ikinyoma gihabanye n'ukuri.

Hari akaga k'uko ababwirizabutumwa bacu bazavuga ibintu byinshi bikabije bibasira Abakatulika maze bagasembura urwikekwe rukomeye cyane rw'iryo torero rikabahindukirana. Muri Kiliziya Gatulika y'i Roma, hari abantu benshi bitaye cyane ku butumwa bw'abo babwiriza; ariko ubushobozi bw'umupadiri ku bantu ashinzwe burakomeye. Bityo nashobora gutera abantu urwikekwe akabaha ingingo zibatera kutitabira kugira ngo igihe ukuri kwamagana amatorero yaguye kuvugwa be kubasha kukumva, azabikora nta kabuza. Ariko nk'abakozi bakorana n'Imana, tugomba gutwara intwari z'umwuka zifite ubushobozi bwo gusenya ibihome by'umwanzi.¹²⁴²

Irinde Guhutaza Abantu: Nimureke abanditsi b'ibinyamakuru bacu be kujya bandika inkuru mbi zishobora guhutaza abantu cyangwa zibarenguriraho, ku buryo zizabakomeretsa byanze bikunze, kandi zikaba zafunga amayira zikatuzitira mu gukora umurimo twagombye gukora kugira ngo dushobore kugera ku bantu b'ingeri zose, harimo n'Abakatulika. Dufite inshingano yo kuvuga ukuri mu rukundo, tutakuvanzemo ibintu biranga umutima wa kamere, kandi ngo tuvuge amagambo adafite itandukaniro n'avugwa n'abanzi bacu. Amagambo yose ahutaza kandi atyaye tuvuga azatugarukaho afite ubukana bwikubye kabiri igihe ububasha buzaba buri mu maboko y'abashobora kubukoresha ngo batugirire nabi. Ibihe byinshi Imana yanyohereje ubutumwa buvuga ko tudakwiriye kuvuga ijamba na rimwe, cyane cyane amagambo avuga abayobozi, ko tudakwiriye gusohora interuro n'imwe mu nyandiko izahagurukiriza abanzi bacu kuturwanya, kandi ikabyutsa uburakari bwabo bukaze, keretse gusa igihe bibaye ngombwa, mu ruhande rwiza rwo gushyigikira no kuburanira ukuri

Ni by'ukuri ko dutegekwa kuvuga nk'uko umuhanuzi Yesaya yabwiye ngo, "Shyira ejuru, uvuge cyane, we kugerura, rangurura ijwi ryawe nk'ikondera, ubwire ubwoko bwanjye ibicumuro byabwo, ubwire inzu ya Yakobo ibyaha byabo." (Yesaya 58:1). Ubu butumwa bugomba kuvugwa, ariko nubwo bugomba kuvugwa, dukwiriye kwigengesera ntiduhutaze kandi ngo ducireho iteka abantu badafite umucyo twe dufite. Ntidukwiriye gukabya ngo tuvuge amagambo akomeye yibasira Abagatulika. Mu Bakatulika harimo Abakristo benshi badakebakeba rwose, kandi bagendera mu mucyo ubamurikira, kandi Imana izagira icyo ibakorera. Abigeze kugira amahirwe akomeye n'uburyo bwinshi, ariko bakaba barananiwe guteza imbere imbaraga zabo z'umubiri iz'ubwenge, n'iz'imicombonera, ariko bakaba barabayeho ubuzima bwo kwishimisha, ndetse bakaba baranze gukora inshingano yabo, bari mu kaga gakomeye, kuko imbere y'Imana bacirwa iteka rikomeye riruta iry'abantu bari mu buyobe ku

¹²⁴² Letter 39, 1887.

bijyanye n'imyizerere ariko bakaba bashaka kurangwa n'imibereho igirira abandi neza. Ntugacire abandi urubanza; kandi ntukabacireho iteka.¹²⁴³

Gukingirana Abantu: Bwiriza abantu ukuri, ariko irinde amagambo agaragaza umwuka ukarishye; kubera ko amagambo ateye atyo adashobora gufasha cyangwa ngo agire icyo yigisha umuntu. Ikinyamakuru cyitwa *Echo* gikwiriye kwandikwa kikanakwirakwizwa ahantu hose. Ntimukagire ikintu mukora cyatuma icyo kinyamakuru kitagurishwa. Nta mpamvu n'imwe yatuma kitaba nk'umucyo umurika mu mwijima. Ahubwo kubwa Kristo, mwumvire imiburo yatanze ku byerekeye amagambo asesereza Abagatulika. Abagatulika benshi basoma icyo kinyamakuru kandi muri bo harimo abantu b'inyangamugayo bazemera ukuri. Ariko hariho ikintu kibaho cyo gukinga imiryango imbere yabo igihe baba bagiye kwinjira. Muri icyo kinyamakuru nimugwizemo ubuhamya bukomeza bwo gushima Imana. Ntimukazitire inzira z'icyo kinyamakuru, kandi ntimukakibuze kugera mu turere twose tw'isi bitewe no kukigira umuyoboro unyuzwamo imvugo zikakaye zisesereza abandi. Satani ashimishwa no kubona nibura ijamba rimwe ryo gusharira rigaragaye mu mpapuro z'icyo kinyamakuru.¹²⁴⁴

Shyira Ubuyobe Ahagaragara Wigisha Ukuri: Dukwiriye kwamamaza ubutumwa tumaramaje. Ariko ku byerekeye kubwiriza Abagatulika, nahawe itegeko ngo mbwire abantu bacu ngo: "Mujye mwitonda." Igihe muvuga ubutumwa, ntimukavuge amagambo yihariye asesereza andi matorero, ndetse na Kiliziya Gaturika y'i Roma. Mu matorero atandukanye, abamarayika b'Imana babonamo abantu benshi bashobora kugezwaho ubutumwa binyuze gusa mu gukorana ubwitonzi bukomeye cyane. Bityo rero, nimutyo tuyje twitondera amagambo tuvuga. Abagabura bacu ntibagakurikize imbaraga ibasunikira kugira icyo bakora batabitekerejeho igihe bavuguruza kandi bashyira ahagaragara "amayoberane y'ubugome." Ku byerekeye izi nsanganyamatsiko, kwisecekeza ni bwo butyoza. Abantu benshi barashukwa. Mujye mubwiriza abantu ukuri mukoresheje imvugo n'amagambo byuje urukundo. Nimureke Kristo aba ari we wererezwa. Vuga ukuri mu buryo bwiza. Ntukigere uteshuka inzira igororotse Imana yaciye ugamije kugira umuntu usesereza. kuko gusesereza gushobora gukomeretsa cyane ntikugire icyiza kuzana. Gushobora gutuma umwuka wo kwemera gutsindwa [n'Ijambo ry'Imana] ubura mu ntekerezo za benshi. Nimureke Ijambo ry'Imana ryo kuri abe ari ryo rishyira ahagaragara ukubusanya kw'abari mu buyobe.

Ntabwo wakwitega ko abantu barahita babona ibyiza ukuri kurusha ibinyoma bimakaje. Uburyo bwiza cyane bwo gushyira ahagaragara ubuyobe ni ukugaragaza ibihamya ukuri. Tamurura igicu cy'umwijima kubuditse ku ntekerezo z'abantu ukoresheje kumurima umucyo urabagirana wa Zuba ryo Gukiranuka.¹²⁴⁵

¹²⁴³ *Testimonies*, vol. 9, pp. 241-244. (1909) [Ibihamya].

¹²⁴⁴ *Counsels to Editors*, p. 45. (1896)

¹²⁴⁵ *Manuscript* 6, 1902

Dukwiriye Kuvuga Make: Dukeneye kurushaho kwiga Ijambo ry'Imana twimbitse; ariko by'umwihariko igitabo cya Daniyeli n'Ibyahishuwe bikwiriye kwitabwaho kurenza uko byigeze bikorwa mu mateka y'umurimo wacu. Dushobora kugira bike tuvuga ku ngingo zimwe, ku byerekeye imbaraga za Roma n'ubupapa; ariko dukwiriye kwita cyane ku byo intumwa n'abahanuzi banditse bahumekewe n'Umwuka Wera. Umwuka Wera yashyize ibintu byose mu buryo, haba mu gutanga ubuhanzi no mu bintu bivugwa muri bwo, mu rwego rwo kwigisha ko umukozi w'umuntu atari we ugomba guhangwa amaso, ko agomba kwihisha muri Kristo, ahubwo Uwiteka Imana yo mu ijuru n'amategeko yayo akaba ari yo ihabwa ikuzo.¹²⁴⁶

Ukuri Kugaragajwe mu Mashusho Kurarika Abagatulika: Umukuru ari gutera abantu benshi cyane ubwuzu bwo kuyitabira. Abantu b'ingeri zose baza kumva ubutumwa avuga ndetse no kureba amashusho manini afite agaragaza inyamaswa zivugwa mu Byahishuwe. Abagatulika benshi baza kumwumva. Ibyinshi mu byo abwiriza ni amagambo yo muri Bibiliya. Akora uko ashoboye kose amagambo ye bwite akaba make cyane. Kubw'ibyo, iyo abamuteze amatwi barwanyije ibyo avuga, baba barwanya ijamba ry'Imana.¹²⁴⁷

Nta muntu ukwiriye kumva ko atashobora gushyikira Abagatulika.¹²⁴⁸

UMUSARURO MWINSHI UVUYE MU BAYUDA

Abayuda Bagomba Kubarirwa Hamwe na Isirayeli y'Imana: Muri iki gihe turimo, tubona Abanyamahanga batangira gusangira ibyishimo n'Abayuda. Hari Abayuda bahindutse bari gukora umurimo ahitwa----- no mu yindi mijyi itandukanye, kandi bari kugeza ubutumwa kuri bene wabo. Abayuda bari kuza mu ngabo z'abayoboze b'Imana batoranijwe kandi muri iyi minsi iheruka, bari kubarirwa hamwe na Isirayeli y'Imana. Bityo rero, igihe kimwe Abayuda bamwe bazongera kwinjizwa mu bwoko bw'Imana, kandi umugisha w'Uwiteka uzaba kuri cyane nibaramuka baje mu mwanya wo kwishimiramo uvugwa mu Byanditswe Byera ngo, "Arongera arambwira ati, 'Nimwishimire yemwe Banyamahanga, mwishimane n'ubwoko bwayo.'"¹²⁴⁹

Abantu Benshi Bazagana Umucyo: Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa ku isi. Uwiteka yavuze ko n'Abanyamahanga bazasarurwa bakazanwa mu bwoko bwe, ariko si bo bonyine, ahubwo n'Abayuda nabo. Mu Bayuda harimo benshi bazahinduka, kandi binyuze muri bo tuzabona agakiza k'Imana gasakara hose nk'itara ryaka. Abayuda bari ahantu hose, kandi bagomba kugezwaho umucyo w'ukuri kugenewe iki gihe. Muri bo hari benshi bazemera kwakira umucyo, kandi bakazamamazanya hose

¹²⁴⁶ *Counsels to Editors*, p. 45,46 (1896)

¹²⁴⁷ *Letter* 352, 1902.

¹²⁴⁸ *Manuscript* 14, 1906

¹²⁴⁹ *Manuscript* 95, 1906.

imbaraga zidasanzwe ko amategeko y'Imana adahinduka. Umwami Imana izakora umurimo. Izakorana ibitangaza gukiranuka.¹²⁵⁰

Abayuda Bari mu Bihugu Byinshi: Byarantangaje kubona hari abantu bake cyane bumva ko bafite umutwaro wo kubwiriza ubutumwa ubwoko bw'Abayuda batataniye mu bihugu byinshi. Kristo azabana nawe igihe cyose uzahirimbana kongera imbaraga z'ubushobozi bwawe bwo kumva ibintu, kugira ngo ubashe kurushaho kwitegereza neza Umwana w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Ingingo zigenga ubushobozi bw'intekerezo z'ubwoko bw'Abayuda zisinziriye zikenye gukangurwa. Kuri bo ibyanditswe mu Isezerano rya Kera bivanze n'ibyo mu Isezerano Rishya, bizababera nk'umuseke w'irema rishya, cyangwa nko kuzukak'ubugingo. Ubwo Kristo azagaragazwa nk'uko avugwa mu mpapuro z'Isezerano rya Kera, intekerezo zabo zizakunguka. Ubwo inzugi z' Isezerano Rishya zizakinguzwa urufunguzo rw'Isezerano rya Kera, hari abantu benshi bazakizwa bavuye mu ishyamba ry'Abayuda. Ubwo bizagaragara neza uburyo Isezerano Rishya risobanura irya Kera, Kristo azamenyekana ko ari we Mukiza w'abatuye isi. Kubwo kwizera, benshi mu bwoko bw'Abayuda bazakira Kristo nk'Umucunguzi wabo.¹²⁵¹

Uruhare rw'Abayuda Bahindutse mu Murimo Uheruka: Mu Bayuda hazabamo benshi bahindutse, kandi bene abo bazafasha mu gikorwa cyo gutegura inzira y'Umwami, no guharurira Imana yacu inzira nyabagendwa igororotse mu butayu. Abayuda bahindutse bagomba kugira uruhare rw'ingenzi mu myiteguro ikomeye igomba gukorwa mu minsi iri imbere kugira ngo abantu bitegure kwakira Kristo, Umwami wacu. Umunsi umwe, hazavuka ishyamba. Bizagenda bite? Iryo shyamba rizaba rigizwe n'abantu Imana izaba yaratoranije bagahinduka, bakakira ukuri. Hazaboneka "ubwa mbere . . . utwatsi, maze hanyuma . . . imigengararo, haheruke amahundo afite imbuto" (Mariko 4:28). Ibintu byose ubuhanuzi buvuga bizasohora.¹²⁵²

IBWIRIZABUTUMWA KU BANA

Abana Biteguye Kumva no Kwakira Ukuri: Mu bana bahuye nawe, Yesu yababonyemo abagabo n'abagore bazaba abaragwa b'ubuntu bwe n'ibikomangoma by'ubwami bwe, kandi bamwe muri bo bari kuzicwa bazira kwizera kwabo kubwe. Yamenye ko abo bana bazamutega amatwi kandi bakamwemera nk'Umucunguzi wabo, bakazaba biteguye cyane kumwemera kurenza abantu bakuru kuko benshi muri abo bantu bakuru bari baratwawe n'iby'isi ndetse binangiye imitima. Mu myigishirize ye yicishije bugufi ajya ku rugero rwabo. Nyiricyubahiro wo mu ijuru yasubizaga ibibazo bamubazaga kandi yoroshyaga ibyigisho bye by'ingirakamaro kugira ngo ashyikire imyumvire yabo ya cyana. Yabibye imbuto z'ukuri mu ntekerezo zabo, kandi mu myaka yari kuzakurikiraho izo mbuto zari kuzakura maze zikera imbuto kugeza ku bugingo buhoraho.

¹²⁵⁰ Manuscript 87, 1907.

¹²⁵¹ Letter 47, 1903.

¹²⁵² Manuscript 75, 1905.

Igihe Yesu yabwiraga abigishwa be ngo be kubuza abana kumusanga, yabwiraga abayoboze be bose b'ibihe byose, - baba abayobozi b'itorero, abagabura, abafasha mu mirimo yose y'itorero n'abakristo bose. Yesu ari kwireherezaho abana, kandi aradutegeka ati, "Ntimubabuze kuza" ni nk'aho yavuze ati: 'Bazaza nimuramuka mutababereye inzitizi.'

Ntimugatume imico yanyu idasa n'iya Kristo ituma abana batekereza Yesu uko atari. Ntimukabuze abana bato kumusanga bitewe n'ubukonje bwanyu cyangwa gusharira kwanyu. Ntimukigere mubabera impamvu yo kumva ko ijuru ritazababera ahantu hashimishije muramutse muriyo. Ntimukavuge iby'idini nk'ikintu abana badashobora gusobanukirwa, cyangwa ngo mukore nk'aho batitezweho kwakira Yesu mu bwana bwabo. Ntimugatume babona ko idini ya Kristo ari idini y'agahinda n'umwijima, kandi ko nibasanga Umukiza bazareka ibintu byose bituma ubuzima buba bushimishije.

Igihe Umwuka Wera akora ku mitima y'abana bato, namwe mukwiriye gukorana na we. Nimubigishe ko Umukiza abahamagara, kandi ko nta kintu cyamushimisha cyane cyaruta ko bamwiyegurira mu myaka y'ubuto bwabo.

Umukiza arebana urukundo rutarondoreka abantu yacunguje amaraso ye. Ni iminyago y'urukundo rwe. Abarebana ubwuzu butavugwa. Umutima we ntugirira igishyika abana barezwe neza ndetse n'abateye ubwuzu cyane gusa, ahubwo akigirira n'abana bafite imico mibi bokoje n'ababyeyi babo ndetse n'abayitewe no kuba barirengagijwe.¹²⁵³

Isura y'ibyo Umuntu Abonye mu Bwana iha icyerekezo Imibereho Izakurikiraho: Inyigisho zigishwa abana n'urubyiruko zigira isura yandika mu ntekerezo zabo kandi iyo sura iha icyerekezo imico yabo ku rwego rukomeye cyane kurenza uko abantu bakuru babitekereza. Nkiri muto, umupasitoro yaje iwacu imuhira i Poland muri Leta ya Maine, maze asoma igice cyo mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa ahavuga ukuntu Petero yarokotse igihe marayika w'Imana yakuraga Petero mu maboko y'umwanzi wari wagambiriye kumwica. Yasomye icyo gice yitonze kandi atuje, kandi cyanditse isura mu bwenge bwanjye bwari bukiri buto bityo iyo nkuru yakomeje kumba mu bitekerezo kugeza n'uyu muni.

Noneho rero nkurikije umucyo nahawe n'Imana, nzi neza yuko twebwe nk'ubwoko bwayo tutakoresheje neza amahirwe dufite yo kwigisha no guhugura urubyiruko rwacu. Twagombye kubigisha gusoma Ibyanditswe Byera no kubisobanukirwa. Ahantu hose hari ibigo byigishirizwamo abagabura n'abandi bantu ibya Bibiliya, dukoranye n'icyo kigo, twagombye gushyiraho ishuri ryigisha urubyiruko Ibyanditswe. Twagombye kwandikisha amazina y'abana muri ibyo bigo. Abantu bose bagombye kumva akamaro k'umugambi wo kwigisha urubyiruko rwacu uburyo bwo gusobanukirwa n'Ibyanditswe Byera. Nimureke uwo murimo tuwukore

¹²⁵³ Ministry of Healing, p. 42, 43. (1905).

ariko mu buryo bworoheje nk'uko ukuri ubwako kwigishwa. Yobora intekerezo z'abana uzimenyereze ukuri intambwe ku ntambwe, ugende ubazamura kurushaho, ubereke ukuntu ibyanditswe bisobanura ibindi byanditswe, ubereke ukuntu umurongo umwe uba urufunguzo rwo gusobanukirwa n'indi mirongo. Uko ni ko Ibyanditswe ubwabyo bizahunduka imbaraga ibarera, bigafata ibitekerezo byabo mpiri maze bikabyegurira Kristo.¹²⁵⁴

Amateraniro y'Abana mu Gihe cy'Amavuna: Marayika wa gatatu araguruka aringanije ijuru kandi atwaye ibendera ryanditseho ngo: "Amategako y'Imana no kwizera nk'ukwa Yesu." Ahantu hose hashinzwe ihema ryo gukoreramo ivuna, hakwiriye gukoreshwa umwete udukebakaba guhera ku ikubitiro ngo ubutumwa bwiza bubwirizwe abakene kandi n'abarwayi bavurwe. Umurimo wo guha abafite ubumuga bwo kutabona imirebere mu by'umwuka watumye w'abazakizwa wiyongera muri twe.

Hakwiriye kubaho amateraniro y'abana atagamije kubaha uburere no kubahuzahuzza gusa, ahubwo hagamijwe ko bihana bagahinduka. Kandi ibi bizabaho. Nidukoreshe kwizera Imana dufite, tuzashobora kubayobora ku Mwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Abantu bose baza mu materaniro yacu manini bakwiriye kwigishwa. Abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene, bose bakwiriye kugezwaho ubutumwa.¹²⁵⁵

Urukundo Rutera Abana Kwiyeegurira Kristo: Bitewe n'uburyo witwara ku bana bato, kubw'ubuntu bwa Kristo, ushobora kurema imico yabo ukayerekeza ku bugingo buhoraho, cyangwa ukaba wabacengezamo imico ya Satani bitewe no kubitwaraho nabi mu byo ubagirira. Mu kuyobora abana, ntikigere ugira icyo ukorana ubuhubutsi. Reka mu mikorere yawe umwuka w'ubutware n'uw'urukundo bibe bivanze. Bakundishe kandi ububakemo ibintu byose byiza gusa kandi birimo urukundo, maze ubayobore inzira ituma bagira inyota yo kugera ku cyiza cyo mu rwego rwo hejuru ubikesheje kubahishurira Kristo. Igihe ubima ibintu byose bishobora kubangiriza, reka bajye babona ko ubakunda kandi wifuza ko icyabanezeza. Uko bazajya barushaho kukwereka ko batakwishimiye, ni ko kubagaragariza urukundo ubakunda bazarushaho kukugora. Iyo umwana agufitiye icyizere ko ushaka kumunezeza, urukundo agufitiye ruzasenya inzitizi zose. Iri ni ihame Kristo yakurikizaga igihe yakoranaga n'abantu; kandi ni ihame rigomba gukoreshwa mu itorero.¹²⁵⁶

Amavuna Ateguwe neza Agenewe Abana: Ubwuzu nabonye mu iteraniro rikuru muri Australiya burenze ubundi bwose nigeze mbona haba muri Amerika cyangwa mu bindi bihugu. Mu biruhuko, mu cyumweru hagati twagiye tubona abantu bagera ku gihumbi na magana abiri babaga bicaye mu ihema bafite ubwuzu kandi bishimiye, bamaramaje ndetse babaga ari abanyabwenge. Hari abana benshi b'abantu tudasangiye ukwizera baje.

¹²⁵⁴ Letter 27a, 1892.

¹²⁵⁵ Manuscript 6, 1900.

¹²⁵⁶ Letter 23a, 1893.

Ku wa mbere w'Isabato ushize hari abantu bagera kuri magana ane baje mu iteraniro ry'abana. Ayo materaniro yari ayobowe na mushiki wacu-----
----- Abana yabashyize mu matsinda, noneho buri tsinda akarigenera umwigisha abanza guhugura kandi akajya anamufasha mu murimo we. Bakora uko bashoboye kose bagakurikiza uburyo bwifashishwa mu kwigisha incuke. ...

Amafaranga yakoreshejwe mu kugura imodoka zitwara ababwiriza ubutumwa bwiza yagombye kuba yarakoreshejwe neza iyo aba yarashowe ku kintu gikomeye kandi kiramba. Ni iby'ukuri ko imodoka zitwara abavuga ubutumwa bwiza zizagera ku kintu cyiza. Ariko nabonye ko umusaruro uheruka uzavamo uzaba uciye intege. Ibihabanye n'ibi, neretswe iby'undi murimo. Nabonye amahema ari kujyanwa ahantu hatandukanye mu bihe byiza by'umwaka. Amateraniro makuru yaberaga ahantu henshi. Yayoborwaga n'ababwiriza babishoboye kandi bubaha Imana, bagafashwa n'abantu bazi icyo bakora kandi bakwiye. Habagaho amateraniro y'abana n'amateraniro y'ububyutse kugira ngo abantu bashishikarizwe gufata icyemezo cyo kuyoboka ukuri. ...

Muri aya materaniro makuru, umurimo wagombaga gukorwa warakozwe. Amateraniro y'abana cyangwa ishuri rya Bibiliya ry'incuke ryakoze umurimo mwiza. Inyigisho abana bahigiye bahora bazisubiramo bari iwabo, kandi ababyeyi b'abo bana bagaragaza ko bishimiye iyo gahunda babinyujije mu gusukura abana babo kugira ngo babohereze muri iryo shuri rya Bibiliya. Abenshi muri abo bana bafite ababyeyi tudasangiye kwizera. Imbuta z'ukuri kwa Bibiliya zatewe mu butuka bwo mu mitima. Ni umwitozo utoroshye, ariko uriho urakora ibintu byiza. Imitima y'ababyeyi n'iy'abana babo iragenda ikorwaho. Umunsi ukomeye w'Imana ni wo uzakishura ibyiza aya materaniro yakoze. Uyu ni umurima munini ugomba guhingwa. Nimutyo uyu murimo ukorwe. Ni hehe impano zishobora gukoreshwa neza kurutaho? Aba bakozi bari kubiba kugira ngo hazaboneke umusaruro. ... Abagabo, abagore n'abana bafite inyota yo kumenya icyo bakora kugira ngo bazaragwe ubugingo buhoraho.¹²⁵⁷

Inyigisho Ziva mu Byaremwe: Amateraniro y'abana yabaga incuro ebyiri ku munsi. Ku minsi yabaga ishimishije, nyuma y'iteraniro rya mu gitondo, abarimu n'abana bakoraga urugendo, bakagenda bakikiye inkombe z'uruzi cyangwa bagaca mu gisambu, bageraho hakavuzwa ifirimbi, bagahagarara, bakagira isomo rigufi bigira ku byaremwe. Byaje kugaragara ko muri iyo minsi, igihe abana babaga bakoze urugendo mu bisambu, wasangaga mu materaniro batuje kandi bari kuri gahunda. Abazaga mu materaniro ya mu gitondo bageraga kuri mirongo itatu. Mu gihe cya nimunsi ubwo hazaga abana biga mu mashuri mato baturutse hafi aho, noneho babaga bari hagati ya mirongo itanu na mirongo itandatu.¹²⁵⁸

¹²⁵⁷ Letter 2, 1899.

¹²⁵⁸ Manuscript 27, 1895.

Kugera ku Babyeyi Unyuze ku Bana: Amateraniro makuru yacu ni imwe mu nzira z'ingenzi cyane dukoresha mu murimo wacu. Muri buri teraniro rikuru hakwiriye kugira umurimo ukorerwa abana. Nimutyo habeho abakozi babishoboye bazajya bahora bigisha abana. Saba umugisha w'Uwiteka kubw'imbuto zabibwe, kandi Umwuka w'Imana wemeza imitima azigarurira n'abana bato. Ababyeyi benshi bazagezwaho ubutumwa binyuze mu bana.¹²⁵⁹

ABATUYE MU MIDUGUDU Y'UBUKERARUGENDO

Impamvu Yesu Yahisemo Kuja i Kaperanawumu: Mu gihe Umukiza yakoraga umurimo we ku isi, ntiyapfushaga ubusa amahirwe yabonaga ku mihanda minini yacagamo. I Kaperinawumu ni ho Yesu yabaga, agakora ingendo ze ahavuye akongera akahagaruka, maze haza kumenyekana ko i Kaperenawumu "ari umujyi w'iwabo." Uwo mujyi wari ukwije neza rwose ibyatuma uba icyicaro cy'umurimo w'Umukiza. Kubera ko uwo mujyi wari ku muhanda mugari uva Damasiko werekeza i Yerusalemu, no mu Misiri, ndetse no ku nyanja ya Mediteraniya, wari inzira ngari cyane inyurwamo na benshi. Abantu bavaga mu bihugu byinshi banyuraga muri uwo mujyi, cyangwa se bakahatinda kugira ngo baruhuke kubera urugendo babaga bakoze. Aho hantu ni ho Yesu yashoboraga guhurira n'abantu bo mu mahanga yose, b'ingeri zose, baba abakire n'abakomeye, abakene na rubanda rugufi. Kandi inyigisho ze zashoboraga kujyanwa mu bihugu byinshi, zikagera no mu ngo nyinshi. Kubw'umurimo we muri uwo mujyi, abantu bakangurirwaga gukora ubushakashatsi bwerekeye ibyo ubuhanuzi bwavuze, intekerezo z'abantu bakazerekeza ku Mukiza, kandi umurimo we ugashyirwa imbere y'abatuye isi yose.¹²⁶⁰

Kwireherezaho Intekerezo z'Imbaga y'Abantu: Mu bigo by'ibirangirire mu by'ubuzima ku isi ndetse n'abantu ba mukerarugendo baturira, aho usanga huzuye imbaga y'abantu baje kwivuza n'abaje kwishimisha, bene aho hantu hakwiriye gushyirwa abagabura n'ababwiririshabutumwa ibitabo bashoboye kwireherezaho imbaga y'abantu. Abo bakozi bakwiriye gukoresha neza amahirwe bafite yo kwigisha abantu ubutumwa bwagenewe ab'iki gihe, kandi igihe cyose babonye uburyo bakayobora amateraniro. Nimureke bagire ibakwe mu gukoresha amahirwe babona yo kubwira abantu [Ijambo ry'Imana]. Baherekejwe n'imbaraga z'Umwuka Wera, nimureke basanga abantu babashyiriye ubutumwa nk'ubwo Yohana Umubatiza yabwiraga abantu agira ati: "Mwihane, kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi." (Matayo 3:2). Ijambo ry'Imana rikwiriye kuvugwa mu buryo busobanutse kandi rifite imbaraga kugira ngo abafite amatwi yo kumva bashobore kumva ukuri. Bityo rero, ubutumwa bwiza bugenewe iki gihe cyacu buzashyirwa mu mayira abatabuzi banyuramo, kandi buzemerwa n'abantu batari bake bityo babujyane iwabo mu mpande zose z'isi.¹²⁶¹

¹²⁵⁹ Manuscript 52, 1900.

¹²⁶⁰ Testimonies, vol. 9, p. 121. (1909).

¹²⁶¹ Testimonies vol. 9, p. 122. (1909).

Amateraniro Abera mu Mahema y'Ahanu Hahurirwa n'Abantu Benshi: Amaterano yo mu mahema akwiriye kubera ahantu henshi hahurira ba mukerarugendo benshi, haba hafi na kure. Konferanse ishobora gukorana n'abakozi ifite. Niba harigeze kubaho igihe cyo kubona ko gukangukira kwita ku kamaro ko gukorera umurimo bene aho hantu bikenewe, icyo gihe ni iki.¹²⁶²

Ahanu Abantu Baba ari Urujya n'Uruza: Umurimo udasanzwe ukwiriye gukorerwa ahantu abantu bahora ari urujya n'uruza. Igihe kinini Kristo yakoreraga mu muji wa Kaperinawumu, bitewe n'uko hari ahantu abagenzi bahoraga banyura, kandi benshi bakahatinda kenshi.¹²⁶³

Abakozi Bakora mu Miji y'Ubukerarugendo: Biraruhije kubona abasore n'inkumi bashoboye bakwinjira mu miji ngo bahakorere umurimo utanga umusaruro. Aho hantu h'ubukerarugendo aho usanga abagenzi benshi bazanwe no kwivuza abandi bakazanwa no kwishimisha, tuhakeneye cyane abasore n'inkumi bashikamye batajagajaga mu kuri k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, abasore bashobora kugendagenda muri abo bantu, bakababwiriza, bakabwira umuntu ijamba mu gihe gikwiriye, kandi babona undi bakamukomeza.¹²⁶⁴

ITERANIRO RIBERA KU MIHANDA

Kugera ku Bantu Bamwe Ukoresheje Amateraniro Abera Ahatari mu Rusengeru: Imiji igomba gukorwamo umurimo usumbyeho. Hari ahantu usanga abantu bagerwaho neza ari uko uteguye amateraniro hanze ku karubanda. Hari abantu benshi bashobora gukora uyu murimo, ariko bagomba kuba bambaye intwari zo gukiranuka. Twese turi abanyanteye nke cyane mu murimo wacu; ariko rero ikinyabupfura n'ibitekerezo bizima birakenewe.¹²⁶⁵

Ibibazo Biterwa n'Abantu Benshi Bahora Bagenda: Ayo materaniro abera ku karubanda ashobora gutanywa inshuro nyinshi, kandi rimwe na rimwe mu bihe bidasanzwe ayo materaniro azaba uburyo bwiza cyane bwo kugeza ubutumwa ku bantu; ariko iyo gahunda niba uburyo buhoraho bwo gukora umurimo, ntabwo muri iki gihe buzatanga umusaruro witezwe. Umukozi ntashobora gutanga igihamba cyuzuye cy'umurimo yakoze. Ijambo cyangwa ikiganiro kibayeho mu buryo butunguranye gishobora kwinjira abantu mu murongo w'ibitekerezo uzabageza ku guhinduka bakihana binyuze ku zindi mbaraga bahura nazo zibaganisha ku mpinduka, ariko rero ibyo biba kuri bako.¹²⁶⁶

Mu materaniro abera hanze, ntihashobora kubera wa murimo ushyitse ukorwa ngo umurimo ukomeze bityo umukozi abashe kwerekana umuntu wese amaze gutunganirizwa rwo muri Kristo Yesu. Rimwe na rimwe hari

1262 Letter 138, 1902.

1263 Review and Herald, July 12, 1906. [Urwibutso n'Integuza].

1264 Review and Herald, July 12, 1906 [Urwibutso n'Integuza].

1265 Special Testimonies, "An Appeal for Missions," p. 15. (1898)

1266 Gospel Workers, pp. 339, 340. (1892)

ibyiza bikomeye bishobora kugerwaho n'iyi mikorere. Ariko rero uko bimenyerewe, ibyiza ni ukugeza ubutumwa ku bantu ukoresheje izindi nzira.¹²⁶⁷

Kubwiriza abantu ibya Kristo muri mu muryango, mukikije iziko mwota, ndetse no mu materaniro agizwe n'abantu bake abera mu mazu, akenshi ubu buryo ni bwo butanga umusaruro cyane mu kuzana abantu kuri Yesu kuruta gukoresha ibibwirizwa bitangiwe hanze, mubwira abantu bigendera, ndetse no buruta n'ibibwirizwa bitangirwa mu byumba binini cyangwa mu nsengero.¹²⁶⁸

Amateraniro Yerekeye Kwirinda Abera Hanze: Dukwiriye gukora umurimo mu mfuruka z'isi zirangwamo umwijima.... Ibihe byinshi nagiye mpagarara mu materaniro abera hanze kugira ngo mbwire abantu babaga bateranijwe no kuntega amatwi. Nahabonye abagore babaga bahagatiye abana babo, bakamara isaha bahagaze banteze amatwi. Nabaga nzengurutswe n'abagabo n'abagore. Narababajije nti: "Ni bangahe muri mwe bizera Yesu Kristo? Ni bangahe muri mwe b'Abakristo? Nimushyire ukuboko hejuru." Nta kuboko na kumwe nigeze mbona kuzamuka. Mbese ntibari bakeneye Kristo? Mbese ntibari bakeneye kumenya ukuri? Mbese ntibari bakeneye kwiga ibyigisho byo kwirinda? Mu by'ukuri, bari babikeneye.

Imana ishaka ko duhagarara aho dushobora kuburira abantu. Irashaka ko twigisha abantu ingingo irebana no kwirinda. Kubera ingeso mbi mu mirire n'iminywere, abantu bagenda barimbura imbaraga z'ibitekerezo n'iz'ubwenge bari bafite. Ntabwo dukeneye gufata ishoka ngo tumene inzugi maze twinjire mu byumba bariramo cyangwa banyweramo. Dufite intwari ikomeye cyane iruta iyi ari Jambo ry'Imana ihoraho. Iryo Jambo rizicira inzira mu mwijima w'icuraburindi Satani ashaka kuyoberezamo inzira banyuramo. Imana irashoboye kandi ni Inyambaraga. Izavugana n'imitima y'abantu. Twigeze kubona ivugana nayo, kandi twabonye abantu bayoboka ukuri.¹²⁶⁹

IGICE CYA 18

**UKO WAKWITWARA
IMBERE Y'INYIGISHO
ZISHINGIYE KU
BUHANGA BUPFUYE,
IMISENGERE
ITANDUKANYE,
IMYEMERERE ITARI
IMWE
N'AMASHYIRAHAMWE
AKORERA MU IBANGA**

SATANI YURIRIRA KU NYIGISHO Z'IBINYOMA

Ikinyoma Kivoma Ibikibeshaho mu Kuri: Satani yagiye akoresha imbaraga z'ubushukanyi, yazanye ibinyoma bitagira ingano maze bitwikira ukuri. Ikinyoma ntigishobora guhagarara cyonyine, kandi iyo kitihambira nk'indiririzi ku giti cy'ukuri, bidatinze cyari kuzimangana nticyongere kubaho ukundi. Ikinyoma kivoma ibikibeshaho mu kuri kw'Imana. Nk'uko

imbuto z'indwara (mikorobe) zigenda zireremaba, imigenzo y'abantu yiyomeka ku kuri kw'Imana, maze abantu bakayifata nk'umugabane umwe mu bigize ukuri. Binyuze mu nyigisho z'ibinyoma, Satani abona aho ashinga ikirenge, kandi agafata mpiri intekerezo z'abantu, akabatera kwemera inyigisho n'amahame bidashingiye mu kuri. Abantu barihandagaza bakigisha amahame ashingiye ku mategeko yahimbwe n'abantu; bityo uko imihango igenda iba uruhererekane uko ibisekuru bigenda bisimburana, imyaka igahita indi igataha, iyo mihango igwiza imbaraga maze igategeka intekerezo z'abantu. Ariko ntabwo igihe cyigera gihindura ikinyoma mu ukuri, nta n'ubwo kandi uburemere bw'icyo kinyoma butuma ukuri ari ko guhinduka indiririzi kuri cyo. Igiti cy'ukuri cyera imbuto zacyo z'umwimerere, zikagaragaza inkomoko yacyo na kamere yacyo. Indiririzi y'ikinyoma na yo yera imbuto zayo, kandi zikagaragaza ko imiterere yayo ihabanye n'igiti gikomoka mu ijuru.

Satani abona imbaraga zo kwigarurira intekerezo z'abantu binyuze mu nyigisho z'ibinyoma no mu mihango y'abantu. Dushobora kubona urwego akoresherezaho imbaraga ze twitegereje kwigomeka kuri muri iyi si. N'amatorero avuga ko yemera Kristo yateye umugongo amategeko ya Yehova, maze yishyiraho urugero ngenderwaho rupfuye. Muri ibyo byose byakozwe ukuboko kwa Satani kwabigizemo uruhare; kuko kubwo kuyobora abantu ku ngero ngenderwaho z'ibinyoma, zonona imico y'ikiremhamuntu, maze agatera umuntu kumwemera nk'umuyobozi w'ikirenga. Akora ibirwanya amategeko yera y'Imana, kandi ahakana ubutabera bw'Imana. Ku ntebe y'ubwami bwa Sekibi ni ho ikibi cyose gikomoka kandi akaba ari ho gikura ibigishyigikira.¹²⁷⁰

Inzira y'Ukuri n'iy'Ikinyoma Birahabanye: Abamarayika ba Satani ni inyaryenge mu gukora ikibi, kandi bazashyiraho ikintu abantu bamwe bazavuga ko ari umucyo urushijeho gutera imbere, ndetse bazavuga ko ari umucyo mushya kandi w'agatangaza. Nyamara nubwo ubutumwa bavuga bushobora kuba ari ukuri ku rwego runaka, ubwo butumwa buzaba buvanzwe n'ibihimbano by'abantu, kandi buzaba bwigisha inyigisho z'amategeko y'abantu. Niba harigeze kubaho igihe dukwiriye kuba maso kandi tugasengana umurava, icyo gihe ni iki ngiki. Hari ibintu bigaragara ko ari byiza bizasaba kugenzuranwa ubushishozi no gusenga cyane, kubera ko ari ibikoreshe biyobya by'umwanzi bigamiye kuyobora abantu mu nzira ijya gusa rwose n'inzira y'ukuri kugira ngo gutandukanya izo nzira zombi bye koroha. Ariko amaso yo kwizera ashobora kumenya inzira iri gutandukira inzira igororotse nubwo byaba biri kuba mu buryo busa n'ubutagaragarira amaso. Ugitangira ushobora gutekereza ko ari inzira y'ukuri, ariko hashira igihe gito ukabona ko ihabanye cyane n'inzira igana ku kwera n'ijuru. Bene Data, ndababuriye ngo muce inzira igororotse ari yo munyuramo kugira ngo abacumbagira batayobywa inzira.¹²⁷¹

1270 *Review and Herald*, Oct. 22, 1895. [Urwibutso n'Integuza].

1271 *Undated Manuscript 111*.

Ubuhakanyi Bwigishwa nk'Amahame ya Bibiliya: Igihe cyarasohoye aho tudashobora kwishingikiriza ku nyigisho twumvisha amatwi yacu, keretse gusa dusanze zitabusanya rwose n'Ijambo ry'Imana. Hari ubuyobe buteza akaga buzigishwa abantu nk'aho ari amahame ya Bibiliya. Kubera iyo mpamvu, kumenya Bibiliya neza kandi tukayimenyereza kugira ngo tubashe kumenya uko twitwara imbere y'izo nyigisho. Ukwizera kwa buri muntu wese kuzageragezwa kandi buri wese azanyura mu kigeragezo kimusaba kugenzurana ubushishozi bukomeye.¹²⁷²

Satani Avuga Ibyanditswe Abigoretse: Abantu bose bakwiriye kwimenyereza Ijambo ry'Imana kubera ko Satani ahindura kandi akagoreka Ibyanditswe Byera, bityo abantu bakurikiza urugero rwe iyo bigisha igice cy'Ijambo ry'Imana abo bashaka kuyobora mu nzira y'ibinyoma, bakabahisha inzira yatuma imigambi yabo ipfuba. Abantu bose bafite uburenganzira n'amahirwe yo kwimenyera ubwabo amagambo yeruye avuga ngo, "Ni ko Uwiteka avuga." ...

Hari abungeri b'abanyabinyoma bazajya bavuga kandi bakore ibintu bishishana. Abana bakwiriye kwigishwa kugira ngo bamenyereze Ijambo ry'Imana, kandi babashe kumenya aho igihe kimwe cy'Ibyanditswe gisomwe n'aho cyirengagijwe kitasomwe hagamijwe kuyobya abantu.¹²⁷³

Ibinyoma Byazanywe n'Abayobozi b'Amadini: Benshi mu bayobozi b'amadini bo muri iki gihe cyacu, bafite Bibiliya ibumbuye imbere yabo kandi bakanavugaga ko bakurikiza inyigisho zayo, barimo kugenda basenya kuryizera nk'ijambo ry'Imana. Bahugira mu gusobanura iryo jambo maze ibitekerezo byabo bwite bakabirutisha amagambo yaryo asobanutse kurenza ayandi yose. Ijambo ry'Imana riri mu biganza byabo ritakaza imbaraga yaryo yo kurema umuntu bundi bushya. Niyo mpamvu kutizera Imana birimo guca ibintu kandi ubukozi bw'ibibi bukaba bugwiriye ahantu hose.

Iyo Satani arimbuye kwizera Bibiliya mu bantu, aberekeza ahandi bakomora umucyo n'imbaraga. Bityo agenda abacengeramo buhoro buhoro kandi rwihishwa. Abantu bava mu nyigisho z'Ibyanditswe Byera zisobanutse mu buryo bweruye, bagatera umugongo imbaraga yemeza ya Mwuka Muziranenge w'Imana, baba bihamagariye gutegekwa n'abadayimoni. Kunenga Ibyanditswe Byera no kubisobanura mu buryo abantu babijyana aho bashaka byafunguriye umuryango imyizerere y'inyuka y'abadayimoni no gutesha agaciro Imana igashyirwa mu mwanya w'ibyaremwe, kandi bene izo nyigisho ni uburyo bugezweho bw'inyigisho za kera za gipagani, zigenda zishinga imizi no mu matorero yiyita ko ari ay'Umwami wacu Yesu Kristo.

Mu gihe umurimo wo kwigisha ubutumwa bwiza urimo gukorwa, haba hariho n'umurimo ukorwa n'abandi bakozi nyamara bakorerwamo gusa

¹²⁷² *Review and Herald*, May 3, 1887. [Urwibutso n'Integuza].

¹²⁷³ *Manuscript* 153, 1899.

n'imyuka iyobya. Hariho umuntu wishora muri abo bakozi abitewe n'amatsiko gusa ariko yabona igihamba cy'imikorere isumba iy'imbaraga za kimuntu, bigakomeza kumushukashuka kugeza igihe asigara ategukwa n'ubundi bushake busumbya ubwe ububasha. Ntabwo ashobora kwigobotora imbaraga y'agatangaza y'ubwo bushake.

Ibihindizo byarindaga ubugingo bwe birasenyuka. Nta rusika rumukingiriza icyaha ruba rugihari. Nta muntu n'umwe uzi indiba y'ubuhenebere no kononekara ashobora gusaya mo iyo yigijeyo ibyamukumiraga byo mu ijamba ry'Imana na Mwuka Wayo. Icyaha cyo mu bwihisho cyangwa icyifuzo cyamwigaruriye bishobora kumuheza mu buja bwacyo adafite kirengera nka wa muntu wawe n'abadayimoni w'i Kaperinawumu. Nyamara imibereho ye iba itaraba akahebwe.¹²⁷⁴

Ubuyobe n'Ubwaka mu Murimo Urangwamo Urujijo: Imana irahamagarira ubwoko bwayo kuba Abakristo mu ntekerezo, mu magambo no mu bikorwa. Luteri yanditse amagambo avuga ko nta handi idini iri mu kaga nko mu bakuru b'abanyacyubahiro baryo. Nshobora kuvuga ko abantu benshi bafite ukuri kandi bakwigisha batejejwe nako. Ntabwo bafite ukwizera gukoreshwa n'urukundo kandi kukeza ubugingo. Bamenyera gukora ku bintu byejwe, kubera iyi mpamvu, benshi bafata Ijamba ry'Imana mu buryo butaryubahisha. Ntibagendera mu mucyo ahubwo bihumye amaso ngo batabona umucyo.

Iki ni igihe bigaragara ko abantu banga ubuntu Imana yari yaragambiriye guha ubwoko bwayo, kugira ngo mu bihe by'akaga ko mu minsi iheruka be kuzatsindwa n'ubugome buganje kandi bifatanye n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi by'ab'isi barwanya ubwoko bw'Imana bwashigaye. Binyuze mu kwitwikira umwenda w'Ubukristo no kwera, kutubaha Imana kuba gikwira kandi gukorwa ku mugaragaro kuzagana ku rwego ruteye ubwoba kandi kuzakomeza kugeza ubwo Kristo azagaruka guhabwa ikuzo mu bamwizera bose. Mu bikari by'ingoro yo mu ijuru, hari ibizahabera ku buryo bizamenywa na bake cyane. Ubwoko bw'Imana buzageragezwa kandi bushungurwe kugira ngo ibashe gutandukanya "abakorera Imana n'abatayikorera." Malaki 3:18.¹²⁷⁵

Guhangana kuri Hagati y'Ubumenyi Bupfuye n'Iyobokamana: Naburiwe ko guhera ubu tuzahora duhura n'abaturwanya. Ingirwa bumenyi n'iyobokamana bizahangana, bitewe n'uko abantu bapfa badashobora gusobanukirwa n'imbaraga z'Imana no gukomera kwayo. Neretswe aya magambo yo mu Byanditswe Byera agira ati: "Kandi muri mwe ubwanyu hazaduka abantu bavugira ibigoramye, kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo." (Ibyakozwe n'Intumwa 20:30). Ibi nta kabuza bizaboneka mu bwoko bw'Imana, kandi hazabamo abadashobora gusobanukirwa ukuriguhebujekandikw'ingirakamarokugeneweikihe. Ntibasobanukirwa ukuri kw'ingenzi kubahesha gutekana n'agakiza, mu gihe batinda cyane ku

¹²⁷⁴ Uwifuzwaga Ibihe Byose, p. 166, 167.

¹²⁷⁵ Manuscript 15, 1886

tuntu tw'ubusabusa tungana n'akagirangingo gato, utuntu utapfa kubonamo n'agaheke k'ukuri, kubw'imbaraga za Satani utwo tuntu bakatugira tunini cyane ku buryo tugaragara nk'utw'ingirakamaro cyane.

Imirebere yabo ijyana n'imico mbonera irarwaye, ntabwo bumva ko bakeneye gusigwa amavuta mvajuru kugira ngo babashe gusobanukirwa iby'umwuka. Ubwabo batekereza ko ari abanyabwenge bihagije ku buryo badashobora kuyoba. Abantu batimenyereza iby'Imana buri muni ntibazashobora kugendana ubwenge mu gusohozza inshingano zera. Bazitiranya umucyo n'ikinyoma, kandi ikinyoma cyambaye ubusa bazacyita umucyo, bitiranye baringa n'ukuri gufatika, kandi ukuri gufatika nako bakugire baringa, maze isi bayite agace gato k'ingirangingo (atome); naho bene ako gace nako bakite isi. Bazagwa mu bushukanyi n'ibinyoma Satani yateguye bimeze nk'inshundura zihishwe kugira ngo zifate ibirenge by'abatekereza ko bashobora kugendera mu bwenge bwabo bwa kimuntu badafite ubuntu budasanze butangwa na Kristo. Yesu Kristo ashaka ko umuntu atabona ko abantu bameze nk'ibiti bigenda, ahubwo ashaka ko abona ibintu byose mu buryo busobanutse kandi bugaragara. Umuti ni umwe rukumbi ku muntu w'umunyabyaha, kandi uwo muti nutakirwa abantu bazakomeza ubuyobe, ejo bagereko ubundi kugeza ubwo ibyumviro byabo bizangirika.¹²⁷⁶

IBITANGAZA SI BYO GIPIMO

Satani Azakora Ibitangaza: Abantu benshi banga ubutumwa Imana ibatumaho bari gushakisha akantu bubakiraho gushidikanya kwabo, kugira ngo babone urwitwazo rwo kwanga umucyo uvuye mu ijuru. Igihe babona ibimenyetso bigaragara, bavuga nk'uko Abayuda bavuze bati: "Twereke igitangaza, ni bwo turizera. Niba izi ntumwa zifite ukuri, ni kuki zidakiza abarwayi?" ...

Iyaba amaso yabo yahumukaga, babona abadayimoni babishima hejuru, babyina intsinzi y'imbaraga zababashishije kubashuka. Igihe kiri imbere yacu ndetse kiraje ubwo Satani azasubiza ikibazo cy'abo bantu bashidikanya, ndetse azakora ibitangaza byinshi kugira ngo akomeze ukwizera kw'abantu bose bashakira bene iki gihamba cy'ibitangaza. Mbega akaga kazaba ku bantu bahuma amaso yabo ngo batareba umucyo w'ukuri kandi bagasaba ibitangaza bituma bashikama mu buyobe!¹²⁷⁷

Ubwaka n'Ibitangaza byo Gukiza Indwara: Ibitaro byacu n'amavuriro bigomba kugera ku bantu tutabasha kugeraho dukoresheje ubundi buryo. Abantu barabazanya bati: "Ni kuki badasenga ngo abarwayi bakire indwara mu buryo bw'igitangaza aho kugira ngo bubake ibitaro n'amavuriro byinshi bene aka kageni?" Ibyo biramutse bikoze, ubwaka bukomeye bwakwaduka muri twe. Abantu biyemera cyane bashobora gutangira kubishyira mu bikorwa nk'uko bamwe babigenje ahitwa..... kuko bavugaga cyane

¹²⁷⁶ Manuscript 16, 1890.

¹²⁷⁷ Letter 4, 1889.

ibyererekeye umubiri udacumura. Bene abo baje gutwarwa n'ubuyobe bw'abakorana n'imyuka y'abadayimoni. Mu nama y'Inteko Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi yabaye mu 1901, abo bantu bacyashywe n'ubutumwa Uwiteka yampaye ngo mbagezeho. Turamutse dushyize mu bikorwa imigambi yatuma bamwe banezezwa twayishyize mu bikorwa, habaho udutsiko twakwinjiza uburyo imyuka y'abadayimoni yigaragaza maze ibyo bigashyira mu rujijo ukwizera kwa benshi....

Ubuyobe buzinjira [muri twe], kandi inyigisho z'inzaduka zizagira abazivuganira. Abantu bamwe bazava mu byizerwa, bumvire imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni. Tugitangira kugira igitekerezo cyo kubaka ibitaro bya mbere, ibyo bintu byari byaratangiye kugaragara. Byari bimeze nk'ubuyobe bwigaragaje nyuma gato yo kutabaho kw'ibyari byitezwe mu mwaka wa 1844. Hagaragaye inkubiri ikomeye y'ubwaka y'abiyitaga abahamya b'Umwuka Wera. Nahawe ubutumwa bwo gucyaha icyo gikorwa kibi.¹²⁷⁸

KWEZWA N'UBUTUNGANE BY'IKINYOMA

Mwitondere Inyigisho Ivuga, "Izere Gusa": Tuzabura n'inyigisho z'ibinyoma z'ubwoko bwose, kandi kereretse gusa nituramuka twarimenyereje ibya Kristo, kandi tukaba dukurikiza amabwiriza yaduhaye, naho ubundi bitabaye bityo tuzatembanwa tuyobywe. Imwe mu nyigisho ziteza akaga cyane ni iyerekeye kwezwa gupfuye kandi kw'ikinyoma. Hariho abantu bavuga ko ari abera, nyamara bakaba bica amategeko y'Imana. Ibyo bavuga ko nta cyaha bagira ni ikinyoma, nta muntu wagombye kubyemera....

Indi nyigisho izigishwa ni ivuga ko ibyo tugomba gukora ari ukwizera Kristo gusa, -kwizera ko yatubabariye ibyaha, ndetse ko kuva twarababariwe, bidashoboka ko twongera gukora icyaha. Uyu ni umutego wa Satani. Ni iby'ukuri ko tugomba kwizera Kristo. Ni We byiringo byacu rukumbi by'agakiza. Ariko na none ni ukuri ko buri wese ku giti cye agomba gusohozza agakiza ke buri munsi mu kwizera, atirata ahubwo abikorana umutima utinya kandi ahinda umushyitsi. Tugomba gukoresha imbaraga zose z'ubugingo bwacu mu murimo w'Imana, kandi igihe tumaze gukora uko dushoboye kose, tugomba kwiyumva ko turi abagaragu b'imburamumaro. Imbaraga z'Imana zizafatanyaga n'umuhati wacu, kandi uko twomatana n'Imana dukoresheje ukuboko ko kwizera, Kristo azaduha ubwenge bwe no gukiranuka kwe. Bityo, kubwo kwizera, tuzabashishwa kubaka ku rufatiro nyakuri.¹²⁷⁹

Kuvuga ko Wera Ariko by'Amajyejuru Gusa: Abantu bakurikira Kristo bagomba kuba bashinze imizi mu mahame y'ukuri. Bakeneye gusobanukirwa n'icyo Bibiliya yigisha ku byereye ukwizera no kwerehwa

¹²⁷⁸ Letter 79, 1905.

¹²⁷⁹ Manuscript 27, 1887.

ukuri. Bagomba kuba bazi ibi neza rwose babishikamyemo kugira ngo badakurwa mu byimbo ngo bate umurungo w'inyigisho z'ubutungane, ahubwo bazashobore kugaragariza mu mibereho ya buri munsu imikorere ifatika y'iri hame mvajuru. Ubwoko bw'Imana bugomba kumenya gutandukanya inyigisho z'umwimerere n'inyigisho mpimbano.

Hari abantu havuga ko ari abera, bakavuga ko ari ab'Imana ijana ku ijana, bavuga ko bafite uburenganzira ku masezerano y'Imana, nyamara bakaba batubaha amategeko yayo. ...

Ni iby'ukuri koko hari abantu benshi batigeze babona umucyo w'ukuri kwagenewe ab'iki gihe, ariko kubw'ubuntu Kristo yabagiriye, bubahiriza amategeko y'Imana bakurikije ubumenyi bafite. Abantu babaho batyo bakurikiza neza umucyo bafite, ntabwo babarizwa mu itsinda intumwa Yohana aciraho iteka. Amagambo ye yerekeje ku bantu birata ko bizera Yesu, bavuga ko ari abera, nyamara baha agaciro gake ibyo amategeko y'Imana asaba. Nubwo bavuga iby'urukundo rwa Yesu, usanga urukundo rwabo turimbitse bihagije ku buryo rubageza ku kumvira. Imbuta bera zigaragaza imiterere y'igiti zeraho. Zigaragaza ko ukwizera kwabo atari uk'ukuri. Nyamara nubwo iri tsinda ry'abantu nta kintu rifite, bakaba badafite uburenganzira ku masezerano y'Imana, bavugana ishema basaba guhabwa imigisha y'Imana. Nubwo nta kintu na kimwe batanga, ntibibabwira gusaba guhabwa ibintu byose. Biziba amatwi ngo batumvira ukuri, bakanga gutega amatwi amagambo yumvikana agira ati: "Ni ko Uwiteka avugaga," ariko kubwo kuvugaga ko ari abera, bashuka abantu benshi, bakabayobesha ukwizera kwabo kw'icyitiriro kudafite aho gushingiye.¹²⁸⁰

Inyigisho z'ibinyoma – Ibyo wizera ibyo ari Byose nta cyo Bitwaye:
Hari abantu benshi bafite idini igizwe n'amagambo gusa. Kuri bo, amarangamutima yerekana umunezero ubwawo ni ugukiranuka. Baravugaga bati: "Ngwino kuri Yesu, kandi umwizere. Imyizerere yawe uko yaba iteye kose, ntacyo itwaye upfa kuba ukiranuka mu byo wizera" Ntibashakaga kwereka umunyabyaha kamere nyakuri y'icyaha....

Satani ashakaga ko umuntu wese wica amategeko y'Imana yajya avugaga ko ari uwera. Ibi ni nabyo na we ubwe akora. Anyurwa no kubona abantu bashingiye ukwizera kwabo ku nyigisho z'impimbano kandi z'ibinyoma no ku gutwarwa mu by'idini, kuko aba bashobora gukoresha bene abo bantu bakamugeza ku migambi myiza mu kuyobya abantu. Hari abantu benshi bavugaga ko bejewe bafasha Satani muri uyu murimo we. Bavugaga amagambo menshi y'amarangamutima; bakavugaga iby'urukundo bakunda Imana. Ariko Imana ntizi urwo rukundo rwabo; kuko ari ikinyoma cy'umwanzi. Abo bantu Imana yabahaye umucyo, ariko banze kuwemera. Bazahererwaga hamwe na se w'ibinyoma byose ingororano yo kutumvira.¹²⁸¹

¹²⁸⁰ Gospel Workers, pp. 226, 227. (1892).

¹²⁸¹ Review and Herald, June 26, 1900. [Urwibutso n'Integuza].

Ubundi Buyobe - Amategeko Yakuweho: Kristo araburira abayoboke be ati: "Mwirinde abahanuzi b'ibinyoma, baza aho muri basa n'intama, ariko imbere ni amasega aryana." (Matayo 7:15). Aratugira inama ngo twe gushukika igihe abashumba b'abanyabinyoma bigisha inyigisho zabo. Abo bantu batubwira ko amategeko y'Imana yakuweho igihe Kristo yapfaga. Mbese tuzizera abo bantu bavuga ko bejejwe, nyamara bakanga kumvira Imana? Bavuga ko Umwami wacu yababwiye ko badakeneye kubahiriza Amategeko Cumi; ariko se ni ko Imana yababwiye koko? Oya, ntabwo Imana ibeshya.

Satani, we se w'ibinyoma, yashutse Adamu mu buryo nk'ubwo, amubwira ko adakeneye kubaha Imana, kandi ko niyica amategeko yayo atazapfa. Ariko Adamu yaracumuye, kandi kubw'icyaha yakoze, yatumye umuvumo ukwira isi yose. Na none kandi, Satani yabwiye Kayini ko adakeneye gukurikiza itegeko ry'Imana nk'uko yaritanze ateze Kayini uwo mutego, yamubwiye ko atagomba gutanga ituro akurikije agatanga ituro ry'umwana w'intama usogoswe. Kayini yumviye ijwi ry'umushukanyi, kandi kubera ko Imana itemeye ituro rye, ariko ikaba yari yerekanye ko yemeye irya Abeli, Kayini yazabiranyijwe n'uburakari maze yica murumuna we.

Dukeneye kumenya ubwacu ijwi twumvira, niba ari ijwi ry'Imana y'ukuri kandi ihoraho, cyangwa se niba ari ijwi ry'umuhakanyi gica. ...

Igihe mu rupfu rwa Kristo ibyacurerwaga byahuraga n'uwacurerwaga, amaturu y'ibitambo yari ahagaze gutangwa. Amategeko y'imihango yari akuweho. Ariko kubambwa kwa Kristo kwashimangiye Amategeko Cumi y'Imana. Ntabwo ubutumwa bwiza bwakuyeho amategeko, cyangwa ngo bukureho n'agace ku byo asaba. Amategeko aracyasaba kwera mu mpande zose. Amategeko ni ukwirangira kw'ijwi ry'Imana ubwayo rirarika umuntu wese rivuga riti: "Zamuka uze. Ba uwera, kandi urusheho kwera."¹²⁸²

Umuburo Uhuje n'Igihe: Twebwe nk'ishyanga, twaguye mu buyobe buhabanye n'ubwo. Tuzi neza kandi twemera ibyo amategeko y'Imana adusaba, ndetse twigisha abantu inshingano bafite yo kubaha Imana. Twizera ko tugomba gutanga ibintu byose, ariko ntitubona ko tugomba kugira ibyo dutwara nk'uko natwe dutanga. Tubuze kugira kwa kwiringira, kwa kwizera gutuma umuntu aba muri Kristo. Dusaba ibintu bike kandi twagombye gusaba byinshi; kuko amasezerano y'Imana nta rubibi afite.

Kubera kutagira ukwizera, abantu benshi bashaka kumvira amategeko y'Imana bagira amahoro make n'umunezero udashyitse. Ntibagaragaza uko bikwiriye ukwezwaga kuzanwa no kumvira ukuri. Ntabwo bashinze imizi muri Kristo. Abantu benshi bumva hari icyo babuze mu mibereho yabo; bifuza ikintu badafite; kandi kubw'ibyo, bamwe muri bo bibatera kujya mu materaniro yigishirizwamo ibyo kwera, maze bagakururwa n'amarangamutima y'abantu bica amategeko y'Imana..

¹²⁸² *Review and Herald*, June 26, 1900. [Urwibutso n'Integuza].

Inshingano yacu ni yo kubwiriza abantu ibyo kwizera, ni iyo kwerekana urukundo rwa Kristo turuhuza n'ibyo amategeko y'Imana asaba; kubera ko nta na kimwe muri ibyo byombi cyakumvikana neza mu gihe wirengagije ikindi. Urukundo rw'Imana nk'uko rwagaragariye muri Kristo, kandi akaba ari rwo byiringiro rukumbi by'umunyabyaha, ni rwo rugomba gutindwaho mu kibwirizwa cyose kugeza ubwo abantu basobanukiwe imbaraga zarwo n'agaciro karwo. Ibi nibiramuka bikozwe nk'uko bikwiriye, ntabwo aba bantu bazavugwaho ko bigisha amategeko ariko ntibizere ibijyana no kwihana, kwizera, no guhinduka. Turashaka ko izi ngingo zijya zivangwa nk'uko n'Imana ubwayo yazivanze; ubwo ni bwo ukuri kuzavugwa mu buryo bwuzuye, kutavuzwe nk'inyigisho iri aho gusa, ahubwo ari kukavugwa nk'imbaraga izahindura imico y'abantu. icyo gihe ukuri kuzabwirizanywa kwigaragaza k'Umwuka Wera n'imbaraga. Nibiba bityo, abantu bazaba bemeye amahame ya Bibiliya bazaba bagaburiwe; baziyumvamo imbaraga ibeshaho y'Umwuka Wera.¹²⁸³

INYIGISHO ZIVUGA KO IMANA IBA MU KIREMWA CYOSE N'IZIVUGA IBYO GUKORANA N'IMYUKA Y'ABADAYIMONI

Akaga Gaterwa n'Ubuganga Bupfuye n'Inyigisho z'Ibinyoma: Muri Leta ya New Hampshire higeze kuba abantu bakoranaga umwete bakwirakwiza ahantu hose ibitekerezo by'ibinyoma ku byerekeye Imana. Nahawe umucyo uvuga ko abo bantu bahinduraga ukuri ubusa bakoresheje ibitekerezo byabo, kandi bimwe muri byo byajyanaga abantu mu kwishora mu busambanyi nta nkomyi. Neretswe ko abo bantu bashukishaga abandi inyigisho zuzuyemo gukekeranya ku byerekeye Imana...

Bimwe muri ibyo bitekerezo bari bafite, harimo ibivuga ko abantu bigeze kwezwa badashobora kongera gukora icyaha, kandi ibyo babyigishaga nk'ubutumwa bwiza abantu basanzeye. Inyigisho zabo z'ibinyoma, n'umutwari bari bikoreye w'imbaraga iyobya, byarabangirizaga cyane ubwabo ndetse n'abandi. Bagendaga bagwiza ubushobozi mu byo gukorana n'imyuka y'abadayimoni ku bantu batashoboraga gushishoza ngo babone ububi bw'izo nyigisho zabaga zirimbishijwe umwenda urabagirana. Ibibi bikomeye bikomoka kuri izo nyigisho byari byaratangiye kugaragara. Inyigisho ivuga ko abantu bose ari abera yari yaragejeje abantu aho bizera ko ibyiyumviro n'amarangamutima by'abejejwe bidashobora na rimwe kuba mu kaga ko kuyoba. icyavuye muri iyo myizerere ni uko habayeho gushyira mu bikorwa ibyifuzo bibi by'imitima y'abantu bari bahabanye rwose n'ubutungane bw'intekerezo n'imigirire nubwo bavugaga ko bejejwe.

Uru ni urugero rumwe mu bintu byabayeho nahamagariwe kwamagana abantu bigishaga inyigisho zivuga iby'imana idafatika ahubwo iba mu byaremwe, ndetse n'inyigisho ivuga ibyo kugira umubiri utacumura muri iyi kamere twambaye.

¹²⁸³ Gospel Workers, p. 227,228. (1892)

Mu gihe kiri imbere, ukuri kuzagorekwa n'amategeko yashyizweho n'abantu. Inyigisho ziyobya zizigishwa nk'aho ari inyigisho nzima. Siyansi ipfuye ni kimwe mu bikoresho Satani yakoresheje mu ijuru, kandi n'uyu munsu arabikoresha....

Ndinginga abantu bakorera Imana kutajya bemera inyigisho mpimbano ngo zisimbure iz'ukuri. Dufite Bibiliya, kandi yuzuyemo ukuri kw'agaciro kenshi. Ntabwo dukeneye inyigisho zirimo gukekeranya cyangwa izikangaranyabantu mu buryo bupfuye. Mu rwabya rw'izahabu rwuzuye ukuri nk'uko kugaragazwa mu nyigisho za Kristo, ni ho dufite ukuri kuzemeza abantu kandi kukabatera guhinduka. Mu mwuka wo kwiyoroshya wa Kristo, bwiriza abantu ukuri Kristo ubwe yaje kwigisha kuri iyi si, bityo imbaraga y'ubutumwa bwawe iziyumvikanisha mu bantu. Ntukwiriye kwigisha amagambo gusa cyangwa ubabwire ibipimo bidashingiye kuri Bibiliya. Dufite amagambo apima [imico y'abantu] mesnhi kandi akomeye tugomba kuvuga. "Byanditswe ngo" ni cyo gipimo kigomba kugezwa kuri buri wese.¹²⁸⁴

Inyigisho y'Ikinyoma - Imana Iboneka mu Kintu Cyose: Mu bantu bacu hamaze kugeramo inyigisho zerekeye gukorana n'imyuka y'abadayimoni zizasenyaye ni ruto ni ruto ukwizera kw'abantu bazitega amatwi. Inyigisho ivuga ko Imana ari yo mutima w'ikintu cyose kandi ikaba ibyaremye byose, ni imwe mu bikoresho bikomeye udashobora kubonesha amaso Satani akoresha. Iyo nyigisho igaragaza Imana uko itari, kandi itesha agaciro gukomera kwayo n'icyubahiro cyayo.

Ntabwo Ijambo ry'Imana rishyigikiye izo nyigisho. Umucyo uturuka ku kuri kwayo werekane ko izo nyigisho ibikoresho birimbura ubugingo bw'abantu. Umwijima ni wo shingiro ryazo, kandi amarangamutima akaba indiri yazo. Bashimisha umutima wa kamere kandi irari ryabo bakariha ubwisanzure. Umusaruro uva mu kwemera izo nyigisho ni ugutandukana n'Imana ...

Hari imbaraga imwe rukumbi ishobora gusenya igihome cy'ibibi biba mu mitima y'abantu, kandi iyo mbaraga ni iy'Imana binyujijwe muri Yesu Kristo. Mu maraso y'Uwabambwe gusa ni ho twerezwa icyaha cyose. Ubuntu bwe bwonyine ni bwo bushobora kutubashisha guhangana no kunesha kamere yacu yacumuye. Iyi mbaraga ihindurwa ubusa n'inyigisho z'abakorana n'imyuka y'abadayimoni bigisha ibyerekeye Imana. Niba Imana iba mu byaremwe byose, bivuze ko Imana iba mu bantu bose; kandi kugira ngo abantu bagere ku butungane, icyo umuntu agomba gukora gusa ni uko agomba guteza imbere imbaraga imurimo.

Nyuma y'umwanzuro ushingiye ku bitekerezwa zishingiyeho ubwazo, izo nyigisho zikuraho burundu Ubukristo n'ibigendana nabwo byose. Zivanaho ko abantu bakeneye guhongererwa, maze umuntu zikamugira umukiza we ubwe. Izo nyigisho ku byerekeye Imana zihindura ubusa Ijambo ry'Imana,

¹²⁸⁴ *Review and Herald*, Jan.21, 1904. [Urwibutso n'Integuza]

kandi amaherezo abantu bazemera bari mu kaga gakomeye ko gufata ko Bibiliya yose ari inyandiko mpimbano. Bari bakwiriye kubona ko imico y'ubupfura iruta ingeso zabo; ariko kubera ko baba bakuye Imana mu mwanya w'ubutware bw'ikirenga, basigara bishingikiriza ku bushobozi bwa muntu, nyamara buhinduka ubusa bitewe n'uko bimuye Imana. Ubushake bw'umuntu budafashijwe [n'imbaraga mvajuru] nta mbaraga bufite yo kurwanya no gutsinda ikibi. Ubushobozi bwashyiriweho kurengera ubugingo buraneshwa. Umuntu ubwe ntafite uruzitiro rukumira icyaha. Iyo umuntu yanze inzitiro z'Ijambo ry'Imana n'Umwuka wayo, ntabwo ushobora kumenya urwego rwo korama umuntu ashobora kugeraho.

Abantu bakomeza kwizirika kuri izo nyigisho zo zomatanye no gukorana n'imyuka y'abadayimoni, nta gushidikanya bazangiza imibereho yabo ya Gikristo, bangize umubano bari bafitanye n'Imaa, maze amaherezo babure ubugingo buhoraho.

Inyigisho z'ubupfapfa zivuga ibyerekeye Imana n'ibyaremwe zikwije ubuhakanyi ku isi yose, zahimbwe n'umwanzi waguye, kuko ubwe yiga Bibiliya, akaba azi neza ukuri abantu bakeneye kwakira, kandi akaba yiga uburyo yateshura intekerezo z'abantu ku kuri gukomeye kwatangiwe kwategurira ibigiye kuba ku isi.

Neretswe ko ingaruka z'ibyo bitekerezo bihimbano ku byerekeye Imana ari ubuhakanyi, gukorana n'imyuka y'abadayimoni, ndetse no kwirundurira mu busambanyi nta nkomyi. Umugambi wo gushora abantu mu busambanyi nta nkomyi uri inyuma y'izo nyigisho wari uhishwe cyane ku buryo ku ikubitiro kugaragaza kamere yazo nyakuri byari bikomeye cyane. Igihe Umwami wanyije yari atarabimpishurira, ntabwo nari nzi uko nazita, ariko nabwiwe kuzita urukundo rwanduye rushingiye ku myuka y'abadayimoni.

AMOKO ATANDUKANYE Y'INYIGISHO ZO GUKORANA N'IMYUKA Y'ABADAYIMONI

Izo Nyigisho Zenda Kwigarurira Isi: Gukorana n'imyuka y'abadayimoni byenda kwigarurira isi. Hariho abantu benshi batekereza ko gukorana n'imyuka y'abadayimoni bikorwa mu buryo bw'uburyarya n'amayere no kwiyoberanya, ariko si ko biri. Hari ubushobozi burenze ubw'umuntu buriho bukora mu buryo butandukanye, kandi abantu bake cyane ni bo bazi ukuntu gukorana n'imyuka y'abadayimoni bizigaragaza mu bihe biri imbere. Umusingi wo kuzagera ku ntogo kw'inyigisho zo gukorana n'abadayimoni wamaze kubakwa binyuze mu magambo yagiye avugirwa ku ruhimbi ahantu henshi mu gihugu cyacu.¹²⁸⁵ Ababwiriza babwirije inyigisho z'ibinyoma bakazitirira ko ari inyigisho za Bibiliya nyamara zarakomotse ku mushukanyi gica.

Inyigisho ivuga ko nyuma yo gupfa uwapfuye hari icyo amenya, kandi ikavuga ko imyuka y'abapfuye ikorana kandi ikavugana n'abazima, nta shingiro ifite mu Byanditswe Byera; nyamara kandi izo nyigisho

¹²⁸⁵ Zirikana ko umwanditsi yavugaga Leta Zunze Ubumwe za Amerika. [Abasobanuye Igitabo]

zishimangirwa bavuga ko ari ukuri. Binyuze muri iyi nyigisho y'ibinyoma, imyuka y'abadayimoni yafunguriwe amarembo kugira ngo iyobye abantu maze ikajya ibiyereka nk'aho ari ababo bapfuye. Abamarayika ba Satani bihindura abantu bapfuye bityo bagafata mpiri ubugingo bw'abantu benshi. Satani afite idini, afite amasinagogi kandi afite n'abamuramya bamaramaje. Kugira ngo yongere umubare w'abambari be, akoresha ubushukanyi bw'uburyo bwose.¹²⁸⁶

Ubushukanyi Bugendereye Abapfushije Ababo: Gusenga no kwiambaza abapfuye byafashe umwanya ukomeye mu myizerere ya gipagani hafi ya yose, kimwe n'ibyo bita kuvugana no gusabana n'abapfuye nyamara atari byo. Abantu bizera ko ibigirwamana bimenyesha abantu ubushake bwabyo, kandi ko bibagira inama igihe babyiyambaje. Ibimeze bityo tubisangamo amayerekwa y'amayobera avugwa mu myizerere y'Abagiriki n'Abaroma.

Imyizerere yerekeye kuvugana n'abapfuye na n'ubu iracyari no mu bihugu bivugwamo ubukristu. Gahunda yo kuvugana n'ibiremwa bivugwa ko ari imyuka y'abapfuye yamaze kuba gikwira hose kandi ibyo byitwa gukorana n'imyuka y'abadayimoni. Iyo gahunda yateguriwe kwigarurira amarangamutima y'abantu bashyinguye abo bakundaga.¹²⁸⁷

Kubaka Urufatiro rwo Gukorana n'Abadayimoni: Rimwe na rimwe Satani aza yishushanije n'umusore w'igikundiro cyangwa inkumi iteye ubwuzu, cyangwa akaza mu ishusho y'igicucu cyiza cyane. Akiza indwara kandi abantu bamaze gushukwa bakamusenga nk'aho ari we ugirira neza inyokomuntu.... Abantu batabarika baganira n'uyu mudayimoni mukuru kandi akabaha amabwiriza bakwiriye gukurikiza, ndetse bakora bakurikije inyigisho ze. Inyigisho za kidayimoni zivuga ko isi yagombye kungukira byinshi mu buhanga bwo kumenya ubwenge n'imico by'umuntu hashingiwe ku miterere y'umutwe we ndetse ko hari imbaraga rukuruzi ikoresheya n'ubumaji gukiza indwara, nazo ubwazo ntizari zihumanye ku rwego nk'urwo muri iki gihe Satani yihinduraho amasura y'abapfuye. Satani akoresha ibyo bintu kugira ngo asenye imico y'ubupfura bityo ashyireho urufatiro rwo gukorana n'imyuka y'abadayimoni.¹²⁸⁸

Ukundi Kwigaragaza Kwinshi kandi Gutangaje: Umubare w'abakorana n'imyuka y'abadayimoni uragenda wiyongera. Nk'uko Satani yasanze Kristo, bazajya basanga abantu bagendera mu kuri, maze babashukashuke babasaba kwerekana ubushobozi bwabo ngo bakore ibitangaza, kandi berekane ibimenyetso bihamya ko bagiriwe ubuntu n'Imana, ndetse n'uko ari ubwoko bugendera mu kuri. ... Amakiriro amwe rukumbi ku bwoko bw'Imana ni ukwimenyereza gusoma no kuganira na Bibiliya zabo badakebakeba, kandi bakaba basobanukiwe neza n'impamvu zo kwizera kwacu ku byerekeye uko abapfuye bamera.

1286 Undated Manuscript 66.

1287 Signs of Times, June 23, 1890. [Ibimenyetso by'Ibihe].

1288 Testimonies, vol. 1, pp. 206-207. (1862). [Ibihamya].

Satani ni umwanzi ufite amayeri menshi. Kandi nta n'ubwo bikomereye abamarayika bacumuye kwihindura abantu bari abera batarapfa ndetse n'abari abanyabyaha, no gutuma ibyo byose bigaragarira amaso y'abantu. Uko twegereza iherezo ry'ibihe bene uko kwigaragaza kuzarushaho kubaho, kandi kuzarushaho gutera imbere mu buryo butangaje.¹²⁸⁹

Ababwirizabutumwa Bataka Satani: Ababwirizabutumwa bakoreshwa n'umwuka wa Satani bashobora kuvugana ubutyoze maze bagataka uyu mudayimoni uteye ubwoba, bagahisha ububi bwe, maze bakamugaragariza abantu benshi yuje uburanga. Ariko ubwo buranga buva mu butware bwe, ku buryo abantu bose bashaka kwitandukanya nabwo avuga ko ari abe ko abitegekera, kubera ko bakinishije kujya ku rubuga rwabuzaniye ndetse bakaba barivukije uburinzi bw'Umuremyi wabo.¹²⁹⁰

Gukorana n'Abadayimoni n'Imisengere Ishingiye ku Migenzo ya Gipagani Byangiza Intekerezo: Neretswe abantu ibihumbi byinshi bamaze kwangizwa intekerezo binyuze mu bucurabwenge bwo kumenya ubwenge n'imico by'umuntu hashingiwe ku miterere y'umutwe we ndetse no gukoresha ubumaji mu gukiza indwara, ndetse ibyo bikaba byarabashoye mu kutizera Imana. Iyo intekerezo z'umuntu zitangiye kwirukira muri uwo muyoboro, nta kabuza zita umurongo bityo zigasigara zigengwa n'abadayimoni.

«Ibihendo by'ubusa» byuzura mu ntekerezo z'abantu bapfa. Batekereza ko muribo ubwabo hari imbaraga ibakoreramo ibabashisha gukora imirimo ikomeye, ku buryo bumva bitari ngombwa ko bakeneye indi mbaraga cyangwa se ububasha burenze ubwo bafite. Amahame yabo no kwizera kwabo ni «imihango y'abantu, iyo bahawe na ba sekuruza ho akarande, kandi bigakurikiza imigenzereze ya mbere y'iby'isi bidakurikiza Kristo.» (Abakolosayi 2:8). Yesu ntiyigeze abigisha ubwo bucurabwenge. Nta kintu kimeze nk'ibyo wasanga mu nyigisho ze. Ntabwo yigeze ayobora intekerezo z'abantu b'impeyamajyo kandi bapfa kuri bo ubwabo, ngo azerekeye ku mbaraga bafite. Ahubwo iteka ryose intekerezo zabo yazerekezaga ku Mana, Umuremyi w'ijuru n'isi, akabereka ko ari we Soko y'imbaraga n'ubwenge bwabo. ...

Abigisha b'amahame yo gukorana n'imyuka y'abadayimoni baza mu buryo bushimisha kandi bureshyareshya abantu kugira ngo babashuke, kandi iyo uteze amatwi imigani mihimbano yabo, umwanzi wo gukiranuka aba yagushyikiriye akakuyobya, bityo byanze bikunze ukazabura ingororano yawe. Iyo imbaraga ikomeye y'umushukanyu gica ikunesheje, iraguhumanya, maze igasigingiza kandi ikarimbura ukwizera wari usanganwe uzi ko Kristo ari Umwana w'Imana, bityo rero ugaherako ureka kwishingikiriza ku byo amaraso ye yakozwe. Abantu bashutswe n'ubwo bucurabwenge bavutswa ingororano yabo bitewe n'ibinyoma bya Satani. Bishingikiriza ku byo bo ubwabo bakora, bakimenyereza kwicisha bugufi, ndetse akenshi baba bafite

¹²⁸⁹ *Review and Herald*, April 1, 1875. [Urwibutso n'Integuza].

¹²⁹⁰ *Review and Herald*, May 13, 1862. [Urwibutso n'Integuza].

ubushake bwo kwitanga, bakiyoroshya cyane, maze intekerezo zabo bakazirundurira mu myizerere ihanitse itagira icyo isobanura, bakakira ibitekerezo bipfuye kandi bijijwe binyuze mu bo bizera ko ari incuti zabo zapfuye. Satani yabahumye amaso kandi yangiza umutimanama wabo kugeza ubwo baba batakibona ikibi ngo bagisobanukirwe; ahubwo bagakurikiza inama n'amabwiriza bivugwa ko bivuye ku ncuti zabo zapfuye, ubu zikaba ziri mu rwego rw'abamarayika bari mu kirere.¹²⁹¹

Ubumenyi bwa Gikristo, Udutsiko Dufite Imisengere Yihariye Irangwamo Gukiza Indwara two mu Burasirazuba: Hari abantu benshi baterwa ubwoba cyane no gutekereza kujya kwiambaza abakorana n'imyuka y'abadayimoni, ariko bakaba bakururwa n'uburyo bwo gukorana n'imyuka burushaho kunezeza abantu. Urugero ni nk'urugaga rwitiriwe Emanuweli (Emmanuel Mouvement)¹²⁹². Abandi na bo bayobywa n'inyigisho z'Ubumenyi bwa Gikristo n'amayobera y'inyigisho zivuga ko umuntu yamenya Imana binyuze mu gutwarwa mu by'umwuka, kugira ibyo umuntu yiyumvamo cyangwa kugirana isano yihariye n'indi mbaraga ndetse n'andi madini yo mu bihugu by'Uburasirazuba bw'Isi.

Abiyita intumwa¹²⁹³ baboneka mu buryo hafi ya bwose bwo gukorana n'imyuka, bavuga ko bafite ububasha bwo gukiza abarwayi. Bavuga ko ububasha bwabo babuhabwa n'amashanyarazi, imbaraga rukuruzi n'icyo bita «imiti yuje impuhwe n'ineza». Bavuga kandi ko ububasha bwabo babuvana ku mbaraga zitagaragara ziba mu ntekerezo z'umuntu. No muri iki gihe cya gikristo turimo, hari abantu batari bake bajya gushaka abo bavuga ko bakiza indwara aho kwizera imbaraga z'Imana ihoraho no kwiringira ubuhanga bw'abaganga b'Abakristo babyize neza.

Umubyeyi w'umugore yitegereje ari iruhande rw'igitanda cy'agakobwa ke kari karwaye, ni ko gutangara ati: "Nta kindi nongera gukora! Nta muganga uhari ufite ubushobozi bwo gukiza umwana wanjye!" Bamubwiye iby'ibitangaza byo gukiza indwara bikorwa n'abavuga kobafite imbaraga yabamurikiye cyangwa abakiza indwara bakoresheje imbaraga rukuruzi, bityo wa mubyeyi agaha ako kana ke akunda bene uwo muntu ngo agakize, bigasa rwose no kugahereza Satani uba usa n'umuhagaze iruhande. Akenshi, imibereho y'ahazaza h'ako kana igengwa kandi igategakwa n'imbaraga ya satani, kandi noneho kuyiyaka biba bisa n'ibidashoboka.¹²⁹⁴

Indamu Zirimo Ibishuko: Abantu biyegurira mu bupfumu bwa Satani, bashobora kwirata inyungu zikomeye babikuyemo, ariko se ibyo bihamya ko ibyo bakora birimo ubwenge cyangwa ko nta birimo umutekano? Byagenda bite baramutse baramye? Byagenda bite babonye izo nyungu z'igihe gito? Mbese kuba yarirengagije ubushake bw'Imana ku iherezo hari

1291 *Testimonies*, vol. 1, pp. 297, 298. (1863). [Ibihamya].

1292 Iri ni itsinda ryabayeho guhera mu 1906 ritangirijwe i Boston muri Leta ya Massachusetts muri Amerika. Ryigishaga ko hari uburyo bwo gukiza indwara bukorwa mu idini bushingiye ku ntekerezo n'imyitwarire by'umuntu. [Abasobanuye iki gitabo]

1293 Apotre/Apostle

1294 *Review and Herald*, Jan. 15, 1914. [Urwibutso n'integuza].

icyo bizamwungura? Amaherezo, ibyo byose bigaragara nk'inyungu bizahinduka igihombo batazashobora gukira. Ntabwo dushobora gusenya uruzitiro Imana yashyiriyeho kurinda ubwoko bwayo imbaraga ya Satani ngo tubure guhanwa.¹²⁹⁵

Akaga Gaterwa no Kuja ku Baganga b'Abanyamyuka: Hari akaga gaterwa no gutandukira amabwiriza y'Uwiteka n'iyi byaba akantu gato. Niduteshuka inzira yumvikana y'inshingano yacu, hazahaguruka ibintu bizajya biba ari urukurikirane kandi bisa n'ibitatsindwa rwose maze birushaho kutujyana kure y'inzira itunganye. Umubano utari ukwiriye twagirana n'abatubaha Imana uzadushuka nitutaba maso. Gutinya kubabaza incuti zacu z'ab'isi bizatubaza gutinyuka gushima Imana cyangwa kugaragaza ko ari yo twishingikirijeho....

Abamarayika b'Imana bazarinda ubwoko bwayo igihe buzaba bugendera mu nzira ijyanye n'inshingano bwahamagariwe; ariko abantu babyihitiramo maze bakajya ku rubuga rwa Satani, nta cyizere bahabwa ko bazarindwa. Umukozi wa Satani, umushukanyi gica, azavuga kandi akore icyo ari cyo cyose kugira ngo agere ku ntego ye. Kuri we nta cyo bitwaye kuba yakwiyita ukorana n'imyuka cyangwa umuvuzi ukoresha amashanyarazi cyangwa umuvuzi ukoresha imbaraga rukuruzi. Kubwo kujijisha kw'ikinyoma, atera abatari maso batagize icyo bitaho kumugirira icyizere. Agaragaza ko azi neza amateka y'imibereho yabo ndetse ko asobanukiwe ingorane zose n'imibabaro yose by'abajya kumwitabaza. Kubwo kwiyoberanya akaza asa na marayika w'umucyo nyamara mu mutima we hari urwobo rw'umwijima w'icuraburindi, agaragaza ko yitaye cyane ku bagore bamugisha inama. Ababwira ko ibibazo byose bafite babiterwa n'urushako rubi. Ibyo nabyo bishobora kuba ukuri, ariko umujyanama nk'uwo ntashobora kugira icyo akora ngo noneho bamererwe neza. Ababwira ko bakeneye urukundo no impuhwe. Kubwo kujijisha asa n'uwerekana ko yitaye cyane ku kumererwa neza kwabo, yohereza umwuka runaka kuri abo bantu aba yigaruriye nyamara batabikeka, akabareshyarashya nk'uko inzoka igenza inyoni ihindishwa umushyitsi n'ubwoba. Bidatinze aba yabigaruriye, maze ingaruka ikaza kuba icyaha, gukorwa n'ikimwaro, ndetse no kurimbuka.¹²⁹⁶

Gutandukira Bikabije, Ubwihebe no Kurimbuka: Ubutumwa dayimoni yabwiye umwami Sawuli nubwo bwamaganaga icyaha yari yakoze kandi bukamuhanurira n'igihano yagombaga guhabwa, ntabwo bwari bugamije kumukebura ngo yihane, ahubwo bwari bugamije kumutera kwiheba no kumwumvisha ko ibye birangiye. Nubwo bimeze bityo, imigirire nk'iyi ituma umushukanyi agera ku mugambi we wo kujyana abantu mu irimbukiro akoresheje ubucakura. Mu bihe bya kera, inyigisho z'abadayimoni zashimangiraga gutandukira gukabije mu gukoresha umudendezo. Amategeko y'Imana acira icyaha ho iteka kandi agashimangira gukiranuka yari yararetswe; ukuri ntikwahabwaga agaciro gakwiriye, kandi

¹²⁹⁵ Review and Herald, Jan. 15, 1914. [Urwibutso n'Integuza.]

¹²⁹⁶ Review and Herald, June 27, 1882. [Urwibutso n'Integuza.]

ingeso mbi ntizari zemewe gusa, ahubwo zaranashyigikirwaga. Inyigisho zo gukorana no gusenga abadayimoni zivuga ko nta rupfu rubaho, nta cyaha kibaho, nta rubanza ruzabaho kandi ko nta gihano kizabaho, ahubwo ko “abantu ari imana nto zitacumuye,” kandi ko icyifuzo cy’umuntu ari ryo tegeko ry’ikirenga; ndetse ko umuntu ubwe ari we ugomba kwigenzura no kwiha raporo y’ibyo akora. Inzitiro Imana yubatswe kugira ngo zirinde ukuri, ubutungane no kubaha, zose zirasenywa, none abantu benshi bakangurirwa gukora icyaha. Mbese bene izi nyigisho ntizihuje inkomoko n’izigisha ibyo gusenga abadayimoni?¹²⁹⁷

Amajwi y’Abadayimoni, Abashitsi, Abahanura Ibizaba, Abapfumu: Amajwi y’abadayimoni yavugiye muri Ekuroni no muri Endori aracyayobya abana b’abantu akoresheje amagambo y’ibinyoma. Umwami w’umwijima yigaragaza yiyoberanyije mu isura nshya. Amagambo y’ubupfumu yavugwaga n’abapagani mu bihe bya kera afite andi ateye nkayo akoresheje n’abakorana n’imyuka y’abadayimoni, abapfumu, abashitsi n’abahanura ibyiza bizaba ku bantu bo muri iki gihe. Ubwiru bw’imisengere ya gipagani bwashimbuwe n’amashyirahamwe akora mu ibanga n’amahuriro akorerwamo gahunda zo kugerageza kuvugana n’abapfuye hifashishijwe abakorana n’imyuka y’abadayimoni, gahunda zikorera mu mwijima ndetse n’ibitangaza bikorwa n’abapfumu bo muri iki gihe cyacu. Amabanga yabo yakiranwa ubwuzu n’abantu ibihumbi byinshi banga kwakira umucyo uturuka mu Ijambo ry’Imana cyangwa ku Mwuka w’Imana. Bavugana agasuzuguro iby’abapfumu n’abakonikoni bo mu bihe bya kera, mu gihe umushukanyi mukuru na we akubita agatwenge kubera intsinzi ageraho bitewe n’uko bayoboka amayere n’ubuhanga bye mu buryo butandukanye.

Abo bakozi ba Satani bavuga ko bakiza indwara. Bavuga ko ububasha bwo gukiza babuhabwa n’amashanyarazi, imbaraga rukuruzi, cyangwa ibyo bita “imiti yuje impuhwe n’ineza,” kandi mu by’ukuri ari imiyoboro Satani anyuzamo imbaraga ze. Akoresheje ubu buryo, Satani ashira umwuka we ku mibiri no mu bugingo bw’abantu.¹²⁹⁸

Inzira Igana Ikuzimu: Ubucurabwenge butagira icyo bumaze bukoreshwa mu kugaragaza inzira igana mu irimbukiro nk’aho ari inzira yuzuye umutekano. Bakoresheje imitekerereze ihanitse ndetse n’amajwi yumvikana nk’indirimo, berekana ko inzira ngari ari yo yonyine ibonerwamo umunezero n’icyubahiro. Nk’uko Satani yabigaragarije Eva, abantu bayobejwe bashyirwa imbere umudendeze n’ibyishimo byinshi bazagira ndetse batigeze batekereza ko byashoboka. Abantu baba baranyuze mu nzira ngari igana ikuzimu barasingizwa, kandi iyo bamaze gupfa bahabwa ikuzo bityo bikavugwa ko bashyirwa mu nzego zihanitse cyane mu isi izahoraho. Satani yambaye imyenda irabagirana, agaragara nka marayika wahawe ikuzo, maze agerageza Umucunguzi w’isi ariko ntiyabasha kumutsinda. Ariko iyo aje ku muntu yambaye nka marayika w’umucyo,

1297 *Signs of Times*, June 30, 1890. [Ibimenyetso by’Ibihe].

1298 *Signs of Times*, March 24, 1887. [Ibimenyetso by’Ibihe].

agera ku ntego ye neza. Atwikira imigimbi ye mibisha, maze akagera ku ntego ye neza mu gushuka abadashishoza badahagaze bashinze imizi mu kuri kw'iteka ryose.¹²⁹⁹

....**Imbaraga y'Isengesho mu Guhangana na Satani:** Isengesho rishingiye ku kwizera ni imbaraga ikomeye y'Umukristo, kandi nta kabuza izarwana na Satani imutsinde. Ni yo mpamvu Satani yumvisha abantu ko tudakeneye gusenga. Yanga urunuka izina rya Yesu, Umuvugizi wacu; kandi iyo dusanze Yesu tumaramaje tumusaba kudufasha, ingabo za Satani zirakangarana. Iyo twirengagije gusenga bifasha Satani kugera ku mugambi we, kuko icyo gihe ibitangaza bye by'ubuhendanyi byakiranwa ubwuzu.¹³⁰⁰

UBWAKA N'UBUHEZANGUNI

Kwigana Impano z'Umwuka: Hari ibinyoma byinshi byadutse, kandi nubwo icyo gihe nari nkiri muto, Uwiteka yantumaga ahantu henshi, nkava hamwe nkajya ahandi ngiye gucyaha abantu bizeraga izo nyigisho z'ibinyoma. Harimo abari bari mu kaga ko kujya mu bwaka, kandi nategetswe mu izina ry'Umwami wacu kubashyira umuburo uvuye mu ijuru.

Tuzongera guhura n'inyigisho z'ibinyoma nk'izo. Hazabaho abantu bazavuga ko beretswe. Imana nibaha ikimenyetso cyumvikana cyerekana ko iryo yerekwa ryaturutse kuri yo, mushobora kuryemera, ariko ntimuzaryemere mushingiye ku kindi gihamya icyo ari cyo cyose; kuko abantu mu bihugu by'amahanga ndetse no muri Amerika abantu bagiye kuzayobywa biruseho. Uwiteka ashaka ko ubwoko bwe bukora nk'abagabo n'abagore bazi icyo bakora.

Mu bihe biri imbere, ibishuko by'amoko yose bigomba kuzaduka, kandi dukeneye gushinga ibirenge mu butaka bukomeye. Dukeneye inkingi zikomeye zifashe inyubako yacu. Nta kantu na kamwe kagomba gukurwa mu byo Uwiteka yashyizeho.... Mbese ni hehe tuzabona umutekano uretse mu kuri Uwiteka yagiye aduha uherye igihe itorero ryatangiriye kugeza ubu?¹³⁰¹

Nk'uko Inzoka Yoheje Eva: Inyigisho z'ibinyoma zihora zisubirwamo kenshi, muri iki gihe zigaragara zireshyashya ariko mu buryo bw'ubushukanyi nk'uko byari bimeze ku giti cyabuzaniye cyo mu murima wa Edeni. Imbuta z'icyo giti zari nziza cyane, kandi zagagaraga ko ari izo kwifuzwa. Binyuze mu nyigisho z'ibinyoma, ubugingo bw'abantu benshi bwamaze kurimburwa.¹³⁰²

Abantu Barwaye Ubwaka n'Ubutagondwa: Uko amaso y'abantu agira ubumuga bwo kutabona kugeza ubwo asa rwose n'aho ntacyo amaze, ni nako bimeze mu byerekeye ubwaka n'ubuhezanguni mu by'idini. Amaso

¹²⁹⁹ Review and Herald, April 1, 1875. [Urwibutso n'Integuza].

¹³⁰⁰ Testimonies, vol. 1, p. 296. [Ibiamya].

¹³⁰¹ Review and Herald, May 25, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

¹³⁰² Manuscript 37, 1906

agera ku ntego ye neza. Atwikira imigimbi ye mibisha, maze akagera ku ntego ye neza mu gushuka abadashishoza badahagaze bashinze imizi mu kuri kw'iteka ryose.¹²⁹⁹

...**Imbaraga y'Isengesho mu Guhangana na Satani:** Isengesho rishingiye ku kwizera ni imbaraga ikomeye y'Umukristo, kandi nta kabuza izarwana na Satani imutsinde. Ni yo mpamvu Satani yumvisha abantu ko tudakeneye gusenga. Yanga urunuka izina rya Yesu, Umuvugizi wacu; kandi iyo dusanze Yesu tumaramaje tumusaba kudufasha, ingabo za Satani zirakangarana. Iyo twirengagije gusenga bifasha Satani kugera ku mugambi we, kuko icyo gihe ibitangaza bye by'ubuhendanyi byakiranwa ubwuzu.¹³⁰⁰

UBWAKA N'UBUHEZANGUNI

Kwigana Impano z'Umwuka: Hari ibinyoma byinshi byadutse, kandi nubwo icyo gihe nari nkiri muto, Uwiteka yantumaga ahantu henshi, nkava hamwe nkajya ahandi ngiye gucyaha abantu bizeraga izo nyigisho z'ibinyoma. Harimo abari bari mu kaga ko kujya mu bwaka, kandi nategetswe mu izina ry'Umwami wacu kubashyira umuburo uvuye mu ijuru.

Tuzongera guhura n'inyigisho z'ibinyoma nk'izo. Hazabaho abantu bazavuga ko beretswe. Imana nibaha ikimenyetso cyumvikana cyerekana ko iryo yerekwa ryaturutse kuri yo, mushobora kuryemera, ariko ntumuzaryemere mushingiye ku kindi gihamya icyo ari cyo cyose; kuko abantu mu bihugu by'amahanga ndetse no muri Amerika abantu bagiye kuzayobya biruseho. Uwiteka ashaka ko ubwoko bwe bukora nk'abagabo n'abagore bazi icyo bakora.

Mu bihe biri imbere, ibishuko by'amoko yose bigomba kuzaduka, kandi dukeneye gushinga ibirenge mu butaka bukomeye. Dukeneye inkingi zikomeye zifashe inyubako yacu. Nta kantu na kamwe kagomba gukurwa mu byo Uwiteka yashyizeho.... Mbese ni hehe tuzabona umutekano uretse mu kuri Uwiteka yagiye aduha uherye igihe itorerwa ryatangiriye kugeza ubu?¹³⁰¹

Nk'uko Inzoka Yoheje Eva: Inyigisho z'ibinyoma zihora zisubirwamo kenshi, muri iki gihe zigaragara zireshyashyashy ariko mu buryo bw'ubushukanyu nk'uko byari bimeze ku giti cyabuzaniye cyo mu murima wa Edeni. Imbuta z'icyo giti zari nziza cyane, kandi zagaragaraga ko ari izo kwifuzwa. Binyuze mu nyigisho z'ibinyoma, ubugingo bw'abantu benshi bwamaze kurimburwa.¹³⁰²

Abantu Barwaye Ubwaka n'Ubutagondwa: Uko amaso y'abantu agira ubumuga bwo kutabona kugeza ubwo asa rwose n'aho ntacyo amaze, ni nako bimeze mu byerekeye ubwaka n'ubuhezanguni mu by'idini. Amaso

¹²⁹⁹ Review and Herald, April 1, 1875. [Urwibutso n'Integuza].

¹³⁰⁰ Testimonies, vol. 1, p. 296. [Ibiamya].

¹³⁰¹ Review and Herald, May 25, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

¹³⁰² Manuscript 37, 1906

y'ubugingo areba akamenya gutandukanya icyiza n'ikibi, arananirwa ntarebe uko bikwiriye ku buryo nta kintu kigaragara neza nk'uko kiri. Ubushobozi bwo gusobanukirwa ibintu neza burangirika, bityo umwuka w'ukuri no gukiranuka ntubashe gutandukanywa n'umwuka w'ubuyobe n'ubwaka.

Igihe umugabo cyangwa umugore ahimba ikinyoma akavuga ko abona ibintu bitariho, haba hari indwara yafashe ubushobozi mu by'umwuka. Aba yahumanijwe n'ibitaboneka yibwira ko ari ibintu bifatika nk'uko umunywi w'inzoga zikaze yangizwa nazo. Haba hariho ihumekerwa ariko ritaturutse ku Mana. Imbaraga z'ubwenge zirangirika zigata umurongo. Nimutyo umuntu wese yiringire Imana kandi agire imibereho iboneye n'ubuzima buzira umuze.¹³⁰³

Mu Muriro Cyangwa mu Mazi: Hari itsinda ry'abantu bahora biteguye guteshuka bagafata indi nzira, bifuza kugera ku bintu bidasanzwe, bitangaje kandi by'inzaduka; ariko Imana ishaka ko twese tujya tugenda dutuje, tubyitayeho kandi tugatoranya amagambo tuvuga ahuje rwose n'ukuri kutajegajega kwagenewe ab'iki gihe. Ukuri gukwiriye kwigishwa abantu uko kuri, hagakorwa ibishoboka byose ntikurangwemo ibintu bishingiye ku marangamutima, ariko kandi kugakomeza kurangwa n'imbaraga no kwera no gukomera bihuje n'imiterere yako. Tugomba kwirinda gushyigikira no gutera umwete abahezanguni, ba bandi bashobora kuba bari mu mazi bitaba ibyo bakaba mu muriro.

Ndabahendahendera kurandura mu nyigisho zanyu imvugo yose y'amakabyankuru, mukuremo ikintu cyose abantu badafite intekerezo zitunganye ndetse n'abataramenyera [ibyo twizera] bazasamira hejuru maze bikabatera gukora amatsinda ashingiye ku bujiji no ku bitekerezo bigufi. Ni ngombwa ko mukuza umwuka wo kwigengesera mu magambo yose muvuga, kugira ngo mutagira abo mushora mu nzira mbi, kandi mugatera urujijo ruzasaba umurimo wuje amaganya kugira ngo hagire ibikosorwa, bityo imbaraga z'abakozi zikerekezwa mu murimo Imana itabageneye kwinjiramo. Kwigaragaza kumwe kw'ubwaka muri twe kuzakinga inzugi nyinshi gutume amahame atunganye y'ukuri atabona uko yinjira.¹³⁰⁴

Ukuri Kwera Kwateshejwe Agaciro no Gutwarwa: Dukeneye kuba abantu bashyira mu gaciro kandi batuje, ndetse tugatekereza neza ukuri kwahishuwe. Gutwarwa ntibituma habaho gukurira mu buntu, mu butungane nyakuri no kwezwa n'Umwuka Wera.

Imana ishaka ko tuvuga ukuri kwera. Uku kuri ni ko konyine kuzemeza abavuga ibigoramye. Hagomba gushyirwa imbere umurimo ukoramye umutuzo n'ubwenge....

1303 Manuscript 41, 1900.

1304 Undated Manuscript 111.

Imana irahamagara ubwoko bwayo kugenda bwirinda kandi burangwa no kudakebakeba kwera. Bakwiriye kwitonda kugira ngo batagoreka kandi badasuzuguza amahame yera y'ukuri bitewe n'imikorere y'inza-duka, urujijo n'akaduruvayo. Baranzwe n'iyi mikorere, byatera abatizera gutekereza ko Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ari agatsiko k'abantu b'abaka. Uko ni ko urwikekwe rwabaho maze rukabuza abantu kwakira ubutumwa bwagenewe ab'iki gihe. Iyo abizera bavuze ukuri nk'uko kuri muri Yesu Kristo, bagaragaza gutuza kwera kandi kuje intekerezo nzima, nta shuheri ry'urudubi.¹³⁰⁵

Abigisha b'Ibinyoma Ntibashyira Ubuhanuzi mu Gihe Cyabo: Muri iki gihe cyacu nk'uko byari biri mu gihe Kristo yari ku isi, hashobora kubaho gusoma no gusobanura nabi Ibyanditswe Byera. Iyo Abayuda baza kwiga Ibyanditswe bafite umurava, kandi basengera mu mitima, gucukumbura kwabo kuba kwaragororewe bakamenya neza kandi by'ukuri aho igihe kigeze, ndetse ntibamenye iby'igihe gusa ahubwo bakamenya n'uburyo Kristo yagombaga kuza. Ntabwo bari kwitiranye kugaruka kwa Kristo kuje ikuzo no kuza kwe kwa mbere. Bari bafite ubuhamya bwanditswe n'umuhanuzi Daniyeli; bari bafite ubwa Yesaya ndetse n'abandi bahanuzi. Bari bafite inyigisho za Mose, kandi noneho icyo gihe Kristo yari hagati yabo, ariko bari bagishakashaka mu Byanditswe kugira ngo babone igihamba cyerekeye kuza kwe. Bityo bagiriraga Kristo ibyari byarahanuwe kuri we ko ari ko bazamugenza. Bari barabaye impumyi ku rwego rw'uko batari bazi ibyo bakoraga.

No muri iyi minsi abantu benshi bakora batyo bitewe n'uko batigeze basobanukirwa neza kandi ngo bacengerwe n'ubutumwa bushungura bwa marayika wa mbere, ubw'uwa kabiri n'uwa gatatu. Hari abantu bagicukumbura mu Byanditswe bashaka igihamba cyerekana ko ubwo butumwa igihe cyabwo kitaragera ahubwo kiri imbere. Begeranya ukuri kuvugwa muri ubwo butumwa, ariko ntibashobore kugushyira mu mwanya wako mu mateka y'ubuhanuzi. Kubw'ibyo, bene abo bari mu kaga ko kuyobya abantu ku byerekeye igihe ubwo butumwa bwagenewe. Ntibabona kandi ntibasobanukirwa n'igihe cy'imperuka, cyangwa ngo bamenye igihe ubwo butumwa bugenewe. Umunsi w'Umwami Imana uraje uratwegereye uza nk'umujura, ariko abitwa ko ari abanyabwenge n'abakomeye baravugaga mu bwenge buke ibyo bibwira ko ari ubumenyi buhanitse. Ntabwo bazi ibimenyetso byo kugaruka kwa Kristo, n'iby'imperuka y'isi.¹³⁰⁶

KUVUGA IMANA UKO ITARI

Nimureke Abantu Bamenye Uruhande Duhagazemo: Amategeko tugenderaho ni aya: ntimugashyire imbere cyane ingingo zigirwaho impaka kandi zikakaye zirangwa mu kwizera kwacu, zikunze kwibasira cyane zidakebakeba imigirire n'imigenzo by'abantu, kugeza ubwo Imana izabaha

¹³⁰⁵ Manuscript 76a, 1901.
¹³⁰⁶ Manuscript 156, 1897.

amahirwe yo kumenya ko twizera Kristo, ko twizera ubumana bwe kandi ko twizera ko yahozeho isi itararemwa.¹³⁰⁷

Tuzahura n'Inyigisho z'Ibinyoma: Incuro nyinshi tuzahamagarirwa guhangana n'imbaraga ihindura y'abantu biga ubuhanga buhanitse (siyansi) bukomoka kuri Satani, ari nabwo Satani ari gukorera kugira ngo atume abantu batamenya Imana na Kristo. Data wa twese n'Umwana buri wese arihariye. Kristo yaravuze ati: "Jye na Data turi umwe." Nyamara Umwana w'Imana ni we waje ku isi mu ishusho y'umuntu. Yiyambuye ikanzu ya cyami n'ikamba ry'ubwami, maze ubumana bwe abwambika ubumuntu, kugira ngo binyuze mu gitambo cye gihoraho inyokomuntu ibashe kugira umugabane kuri kamere y'ubumana, kandi ibashe gukira kwangirika kwazanwe mu isi no kwifuza n'irari.¹³⁰⁸

Ukuri Nyako Ugereraniye n'Inyigisho Zishingiye ku Myuka y'Abadayimoni: Nahawe amabwiriza ngo mvuge nti, "Ibyiyumviro by'abantu bashaka ibitekerezo biteye imbere cyane mu by'ubumenyi buhanitse ntibigomba kwiringirwa. Izo nyigisho zishingiye ku myuka y'abadayimoni nka bene izi ziravuga ziti: "Imana Data ni nk'umucyo utarebeshwa amaso: Umwana ni nk'umucyo wahawe umubiri; Umwuka Wera ni umucyo wakwiriye ku isi yose." Ubundi baravuga bati, "Data ni nk'ikime, ni nk'urwokotsi rutaboneka; Umwana ni nk'ikime cyegeranijwe kigakora ishusho itatswe ubwiza; Umwuka ni nk'ikime cyaguye ku cyicaro cy'ubuzima." Dore ukundi babivuga: "Data ni nk'urwokotsi rutaboneshwa amaso; Umwana ni nk'igicu cya rukokoma, naho Umwuka ni imvura yaguye kandi akorera mu mbaraga ihembura."

Ibyo bisobanuro byose bishingiye ku myuka y'abadayimoni ni ubusa. Ntabwo bitunganye kandi ni ibinyoma. Izo nyigisho zitesha agaciro kandi zigapfobya Nyiricyubahiro udashobora kugira icyo agereranywa nacyo ku isi. Ntabwo Imana ishobora kugereranywa n'ibintu yaremesheje amaboko yayo. Ibyo bayigereranya nayo ni ibintu byo ku isi gusa, bigerwaho n'umuvumo w'Imana watewe n'ibyaha bya muntu. Data wa twese ntashobora gusobanuzwa ibintu byo ku isi. Data wa twese ni umwuzuro w'ubutatu, kandi ntaboneshwa ijisho ry'ikiremwa gipfa.

Muri Mwana niho Ubumana bwose bwuzuye bwagaragariye. Ijambo ry'Imana rivuga ko Yesu Kristo yari "ukurabagirana k'ubwiza bwayo n'ishusho ya kamere yayo" (Abaheburayo 1:3). "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." (Yohana 3:16). Aha hagaragaza uko Imana iteye.

Umufasha Kristo yasezeraniye abigishwa be ko azamubohereza namara kuzamurwa mu ijuru, ni Umwuka Wera mu mwuzuro wose w'ubumana. Agaragaza ububasha bw'ubuntu bw'Imana ku bantu bose

1307 *Testimony to Ministers*, p. 255. (1895).

1308 *Testimonies*, Vol. 9, p. 68. (1909). [Ibiamya].

bakira kandi bakizera Kristo nk'Umukiza wabo bwite. Imana iriho mu butatu aho iganje mu ijuru; kandi abakiriye Kristo kubwo kwizera babatizwa mu izina ry'abo batatu ari bo Data, Mwana n'Umwuka Wera. Kandi abo batatu mu bubasha bwabo bazakorana n'abantu bumvira bazaragwa ijuru mu muhati bagira wo kubaho ubuzima bushya muri Kristo.¹³⁰⁹

Umwana w'Imana Wabayeho Mbere, kandi Wibeshejeho: Kristo ni Umwana w'Imana wabayeho mbere na mbere, kandi wibeshejeho.... Mu gihe avuga ku kuba yarabayeho mbere na mbere, Kristo yerekeza ibitekerezo inyuma mu bihe bitazwi. Aduhamiriza ko nta gihe cyigeze kibaho atari kumwe n'Imana ihoraho. We, uwo Abayuda bumvaga ijwi rye avuga yari yarabanye n'Imana kuva kera kose.¹³¹⁰

Yari ahwanye n'Imana, ntagira itangiriro n'iherezo kandi ashobora byose.. ... Ni Umwana w'Imana uhoraho kandi wibeshejeho.¹³¹¹

Yabayeho Kuva Kera Kose: Nubwo Ijambo ry'Imana rivuga ku bumuntu bwa Kristo igihe yari kuri iyi si, rinavuga mu buryo budaciye iruhande ko yariho na mbere na mbere. Jambo yahozeho ari Imana, ndetse yari Umwana w'Imana uhoraho, yunze ubumwe kandi ari umwe na Se. Kuva kera kose yari Umuhuza w'isezerano, muri we ni ho amahanga yose yo ku isi yaherewe umugisha, ari Abayuda n'Abanyamahanga bose igihe bamwemeye. "Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana." (Yohana 1:1). Abantu n'abamarayika batararemwa, Jambo yahoranye n'Imana kandi yari Imana.¹³¹²

Kristo yeretse Abayuda ko n'ubwo bashoboraga kubara imyaka amaze bakaba bavugaga ko ataruzuzwa imyaka mirongo itanu, ariko ubuzima bwe nk'Imana ntibwashoboraga kubarwa n'umwana w'umuntu. Imyaka Kristo yamaze mbere yo kwigira umuntu ntiyashyirwa mu mibare.¹³¹³

Ubugingo bw'Umwimerere, Butari Intizanyo kandi Butakomotse Ahandi: Yesu yaravuze ati: 'Ufite uwo Mwana ni we ufite ubugingo.' (1Yohana 5:12). Muri Kristo hari ubugingo bw'umwimerere, butari intizanyo kandi butakomotse ahandi. Yesu yaravuze ati: 'Ufite uwo Mwana ni we ufite ubugingo.' Ubumana bwa Kristo ni ibyiringiro by'ubugingo buhoraho ku mwizera.¹³¹⁴

Yari Kumwe na Se ku Musozi wa Sinayi: Igihe Abisirayeli bageraga ku musozi wa Sinayi, Imana yafashe umwanya kubibutsa ibyerekeye ibyo ibasaba kubahiriza. Kristo na Se bahagararanye ku musozi wa Sinayi, maze mu cyubahiro gikomeye bavugaga Amategeko Cumi.¹³¹⁵

¹³⁰⁹ *Special Testimonies*, Series B. No.7, pp. 62, 63. (1905).

¹³¹⁰ *Signs of Times*, Aug. 29, 1900. [Ibimenyetso by'Ibihe].

¹³¹¹ *Manuscript* 101, 1897.

¹³¹² *Review and Herald*, April 5, 1906. [Urwibutso n'Integuza].

¹³¹³ *Signs of the Times*, May 3, 1899. [Ibimenyetso by'Ibihe]

¹³¹⁴ *The Desire of Ages*, p. 530. (1898)

¹³¹⁵ *Historical Sketches*, p. 231. (1866)

Abatware Bahoraho Bagize Ubutatu: Abatware bahoraho bo mu ijuru ari bo: Imana, Kristo n'Umwuka Wera, bahaye abigishwa ba Yesu imbaraga ziruta iz'umuntu upfa, Ni bo bari kujyana n'abigishwa ku murimo kandi bakemeza abatuye isi iby'icyaha.¹³¹⁶

Imiterere y'Umwuka Wera: Dukwiriye gusobanukirwa yuko Umwuka Wera ari Imana rwose, kandi agendagenda aha turi. (byavuye mu kiganiro Ellen G. White yagiranye n'abanyeshuri, mu ishuri ryitwa Avondal).¹³¹⁷

Umwuka Wera ariho ni nk'umuntu ufatika, kuko ubwe ahamanya n'umwuka wacu yuko turi abana b'Imana." (Abaroma 8:16). Iyo ubu buhamya butanzwe, buba bujyanirana n'ikibushyigikira. Mu bihe nk'ibyo rero twizera kandi tumenya tudashidikanya ko turi abana b'Imana. ...

Umwuka Wera afite impagarike imuranga kuko bitameze bityo, ntiyashobora guhamiriza umwuka wacu no guhamanya nawo ko turi abana b'Imana. Umwuka Wera agomba na none kuba ari Imana kuko bitameze bityo ntiyashobora guhishura amabanga ari mu ntekerezo z'Imana. Ibyanditswe biravuga bita: "Mbese ni nde mu bantu wamenya ibyo undi atekereza, keretse umwuka wa wa wundi umurimo? N'iby'Imana ni ko biri, nta wabimenya keretse Umwuka wayo." 1 Abakorinto 2: 11.¹³¹⁸

Imbaraga y'Imana mu wa Gatatu mu Bagize Ubumana: Umwami w'imbaraga z'ikibi ashobora gutsindwa gusa n'imbaraga y'Imana mu wa gatatu mu bagize Ubumana ari we Mwuka Wera.¹³¹⁹

Gufatanya n'Ubutatu Busumba Ububasha Bwose: Dukwiriye gufatanya n'Ubutatu busumba ububasha mu ijuru, ari bwo bugizwe n'Imana Data, Umwana n'Umwuka Wera. Kandi abo banyabubasha bazadukoreramo, baduhindure abakozi bafatanya n'Imana.¹³²⁰

AMASHYIRAHAMWE AKORA MU IBANGA

Akaga Gaterwa n'Imiryango Ikorera mu Ibanga: Ntabwo itegeko ry'Uwiteka rivuga ngo, "Ntimukifatanye n'abatizera mudahwanye" ryerekeje gusa ku gushyingiranwa kw'Abakristo n'abatizera Imana. Ahubwo ryerekeje ku masezerano yose aho amatsinda ayagirana ashyira hamwe mu buryo bwimbitse, kandi muri yo hagakenyerwa uguhuza mu mwuka no mu mikorere. ...

Uwiteka yongera kuvugira mu muhanuzi Yesaya ati: "Nimwiyunge mwa mahanga mwe! Ariko muzavunagurika, kandi namwe abo mu bihugu bya kure nimutege amatwi mwese, mukenyere! Ariko muzavunagurika. ..Mujye inama, ariko izo nama zizapfa ubusa; nimuvuga n'ijambo ntirizahama: kuko Imana iri kumwe natwe. Uwiteka yamfatishije ukuboko kwe

¹³¹⁶ Manuscripti 145, 1901.

¹³¹⁷ Manuscript 66, 1899.

¹³¹⁸ Manuscript 20, 1906.

¹³¹⁹ Special Testimonies, Series A, No 10, p. 37. (1897)

¹³²⁰ Special Testimonies, Series B, No 7, p. 51. (1905).

gukomeye, aranyigisha ambwira yuko ntakwiriye kugendera mu migambi y'ubu bwoko ati, 'Ntimuvuge ngo, 'Baratugambaniye', nk'uko ubu bwoko buzavuga kuri ibi byose buti 'Baratugambaniye'. Ahubwo Uwiteka Nyiringabo abe ari we mushimisha kwera kwe, kandi uwo abe ari we mujya mwubaha mukamutinye''' (Yesaya 8:9-13).

Hari abantu bibaza niba ari byiza ko Umukristo yaba mu miryango ikora rwihishwa. Nimureke abo bose bazirikane Ibyanditswe twamaze kuvuga haraguru. Niba turi Abakristo koko, tugomba kuba abakristo aho twaba turi hose, kandi tugomba kuzirikana ndetse tukumvira inama twahawe kugira ngo tube Abakristo bahuje n'urugero rutangwa n'Ijambo ry'Imana. ...

Igihe twemeraga Kristo nk'Umucunguzi wacu, twemeye guhinduka abakozi bakorana n'Imana. Twagiranye isezerano nayo ryo kuba abayo tutizigamye; nk'ibisonga bikiranuka by'ubuntu bwa Kristo, kugira ngo dukore twubaka ubwami bwayo mu isi. Buri muyobohe wa Kristo wese yarahiriye kwegurira imbaraga ze zose z'ibitekerezo, ubugingo n'umubiri; akazegurira uwatanze incungu arokora ubugingo bwacu. Twiyemeza kuba abasirikare, kwinjira mu murimo, kwihanganira ibigeragezo, isoni, gukwenwa no kurwana intambara yo kwizera, dukurikiye Umutware w'agakiza kacu.

Mbese muri uko kwifatanya n'imiryango y'iby'isi mwaba mukomeza isezerano mwagiranye n'Imana? Mbese iyo miryango igamiye kuyobora intekerezo zanyu bwite n'iz'abandi ku Mana, cyangwa iraziyobya ntizirangamire Imana? Mbese iyo miryango ikomeza isano mufitanye n'intumwa zo mu ijuru, cyangwa yerekeza intekerezo zanyu ku muntu aho kugira ngo zerekere ku Mana?

Mbese muriho mukorera Imana, muyubaha kandi muyerereza, cyangwa murayisuzugura kandi muyicumuraho? Mbese muteranyiriza hamwe na Kristo cyangwa murasandaza? Ibitekerezo byose, imigambi ndetse n'umurava mushyira muri ayo mashyirahamwe; byose byaguzwe amaraso y'igicro ya Kristo; ariko se iyo mwifatanya n'abahakanamana n'abanyabyaha, abantu batuka izina ry'Imana, abasinzi, abanywi b'itabi mbese muba mukorera Kristo umurimo?

Nubwo muri iyo miryango hashobora kubamo ibintu byinshi bigaragara ko ari byiza, muri byo havanze ibindi byinshi bitera bya byiza kuba imfabusa maze bigatuma ya mashyirahamwe cyangwa imiryango yangiza inyungu umutima wajyaga kubona. ...

Ndabaza wowe unezewa n'ayo mashyirahamwe, wowe ukunda guteranywa no gushyenga no gutera inzenya ndetse no kurya no kunywa ukavuyarara, Mbese aho uba uri kumwe na Yesu? Mbese uba ushaka gukiza ubugingo bwa bagenzi bawe? Mbese gushaka kubakiza ni wo mugambi ugutera kwifatanya nabo? Mbese babona kandi bakumva ko Mwuka wa Kristo atuye muri wowe? Mbese bigaragara ko uri umuhamya wa Kristo, ko

uri umwe mu bantu badasanze, ugira ishyamba ry'imirimo myiza? Mbese bigaragara ko imibereho yawe iyoborwa n'amabwiriza y'ijuru? "Ukundiye Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose" (Matayo 22:37), kandi ngo, "Ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda" (Matayo 19:19)?... .

Abantu badashobora gutandukanya umuntu ukorera Imana n'utayikorera, bashobora gukururwa n'ayo mashyirahamwe adafite aho ahuriye n'Imana, ariko nta Mukristo nyakuri ushobora kugirira amahoro ahantu hameze hatyo. Umwuka utanga ubugingo wo mu ijuru ntuharanga. Umutima w'Umunyokristo uba ingumba, kandi akumva adafite guhembura kuva kuri Mwuka Muziranenge nk'uko imisozi ya Gilbowa itarangwaga n'ikime n'imvura. Rimwe na rimwe umuyoboze wa Kristo ashobora guhatirwa kureba ibirori by'ibinezeza bibi atabihisemo, nyamara azabyitegerezanya umutima uniha. Ururimi ruhavugwa si ururimi rw'i Kanani, kandi umwana w'Imana ntazigera ahitamo amashyirahamwe nk'ayo. Igihe bibaye ngombwa ko umwana w'Imana agera mu itsinda atahisemo, nimureke yisunge Imana kandi Uwiteka azamurinda. Nyamara ntabwo agomba guhara amahame amugenga uko byagenda kose n'uko ikigerageze cyaba kiri kose.

Ntabwo Kristo azigera ayobora abayoboze be kurahira indahiro zizabafatanye n'abantu badafatanye isano n'Imana, abantu batayoborwa n'imbaraga ya Mwuka wayo Muziranenge. Urugero rutunganye rwonyine rw'imico ni amategeko yera y'Imana, kandi ntibishoboka ko abantu bemera ko ayo mategeko agenga imibereho yabo bifatanye batishisha kandi mu rukundo rwa kivandimwe n'abantu bahindura ukuri kw'Imana ikinyoma kandi bagafata ubutware bw'Imana nk'ikintu kitagize icyo kivuze. Hari umworera ukomeye uri hagati y'umuntu w'isi n'undi ukorera Imana mu bunyangamugayo. Ku byerekeye ingingo z'ingenzi ari zo: Imana, ukuri n'ubugingo bw'iteka ryose, intekerezo z'abo bantu bombi, impuhwe zabo ndetse n'ibiyumviro byabo ntibihuza. Itsinda rimwe riri kwera nk'ingano zo gushyirwa mu kigega cy'Imana mu gihe irindi tsinda ari nk'urukungu rwo gutwikwa n'umuriro urimbura. Ni mu buhe buryo hagati yayo hashobora kubaho guhuza ingamba n'imikorere?

"Ntimuzi yuko ubucuti bw'iby'isi butera kwangwa n'Imana? Nuko rero umuntu wese ushaka kuba incuti y'iby'isi, aba yihinduye umwanzi w'Imana" (Yakobo 4:4). "Ntawe ucyeye abami babiri kuko yakwanga umwe agakunda undi, cyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukorera Imana n'ubutunzi" (Matayo 6:24)." Luka 16:13.¹³²¹

Itandukaniro Rigaragara: Mu mugoroba umwe nahuye na mwene Data----- maze mubwira ko mufitiye ubutumwa nahawe n'Uwiteka. Yaravuze ati: "Ni mpamvu iki utabumbwira none aha?" Nari mfite intege nke cyane, ariko we yari atuye ahitwa----- mu birometero bisaga cumi na bitanu uvuye ku ishuri nagombaga kuzajya ncumbikamo.

¹³²¹ *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, pp. 137-144. (2016)

Bityo rero, narahagurutse maze musomera urwandiko rufite amapaji mironko itanu, rwarebanaga n'aho yakoreraga ndetse n'abantu bihariye bakoreraga aho hantu.

Namubwiye neruye no mu magambo adaca ku ruhande yerekeye umurimo yakoze mu bihe byashize n'uburyo uwo murimo wateje igihombo aho yakoreraga. Kwifatanya k'uwo mwene Data n'umuryango witwa "*Free Masonry*"¹³²² byari byaramutwaye igihe cyose ku buryo byari byarahinduye ikinya imyumvire ye mu by'umwuka. Ubwenge bwe n'ibitekerezo byari byaratwawe n'uwo muryango cyangwa ishyirahamwe; kandi muri wo harimo abakiranirwa, abagizwe imbata na vino n'abandi bo mu nzego zitandukanye. Yari yaromatanye n'iyi miryango ikorera mu ibanga. Hariho ikintu kimwe gusa yagombaga gukora: Ni ugucana umubano n'iyi miryango, maze akajya mu ruhande rw'Imana atizigamye; kuko atari gushobora gukorera Imana n'ubutunzi.

Yaravuze ati: "Nakiriye ubwo buhamya; kandi nzumvira icyo bumbwiriza."¹³²³

Mwene Data----- yari mu bihe by'akaga, yari ameze nk'umuntu wazengerejwe n'ibibazo yenda kwiroha mu rwobo. Nari nzi ukuntu umurimo wo kwita ku ntekerezo z'umuntu ari byiza, bityo nuzuraga ishimwe ubwo igihe cyageraga nkabona umwanya wo kumubwira akaga yarimo. Imana yo mu ijuru idusaba gutinya gucirirana imanza; bityo twebwe ibiremwa byacumuye kandi birama igihe gito, dukwiriye kutiyiringira ubwacu, dukwiriye gutinya kugira ngo tudasuzuguzwa Imana dukomeretsa imitima y'abana bayo. Ni abo Umwana wayo yaguze amaraso ye y'igicro, bityo ntibakwiriye kuregwa cyangwa gukandamizwa mu magambo cyangwa mu bikorwa kubera ko Uwiteka azahagarara akabarengera.

Ku wa kane w'Isabato, numvise mpatirwa kuvuga ku mahame dukwiriye gushingiraho twita ku bantu kandi tuberekeza mu nzira ikwiriye. Abantu benshi ku isi batwawe umutima n'ibintu bishobora kuba ubwabyo ari byiza, ariko intekerezo zabo zinyuzwe n'ibyo bintu bakunda, bityo ntibashaka ibintu bikomeye kandi bihebuje Kristo yifuza kubaha. Kubw'ibyo rero, ntabwo tugomba guhubukira kubavutsa ibyo bintu bikundira. Nimubagaragarize ibyiza by'ukuri ndetse n'uko ari ukw'agaciro kenshi. Nimubatere kwitegereza Kristo n'ubwiza bwe, bityo bazagera aho batere umugongo kandi birengagize ikintu cyose kibarehereza kujya kure y'Imana.¹³²⁴

¹³²² *Free Masonry* cyangwa aba *Francs-maçons*: Ni umuryango ukorera mu ibanga. Imwe mu myizerere yawo ikomeye ni uko bemera ko Yesu Kristo atari Imana, bityo barasenga ariko babuzanya gusenga mu izina rya Yesu kandi izina Yesu Kristo barihanaguye muri Bibiliya yabo. Bavuga kandi ko Yesu ahwanye n'abandi bahanuzi babayeho ndetse ko umuntu aheshwa agakiza n'imirimo ye no kwigira mwiza ubwe. <https://www.gotquestions.org/free-masonry.html>. [Abasobanuye Igitabo].

¹³²³ Manuscript 17, 1892.

¹³²⁴ Letter 23a, 1893.

Ubutumwa bwo Gushima: Ndashimira Data wa twese w'ubuntu bwinshi uri mu ijuru ko kubw'ubuntu bwe yaguhaye imbaraga zo kwitandukanya rwose n'icumbi ry'umuryango w'aba *Free Masons* ndetse n'ibindi byose ibifitanye isano n'uwo muryango ukorera mu ibanga. Kugira uruhare urwo ari rwose muri uyu muryango ukorera mu ibanga nta mutekano byaguheshaga. Abantu bahagaze munsu y'ibendera risizwe amaraso ry'Igikomangoma Imanweli ntibashobora kwifatanya n'abayoboke b'umuryango Free Masons cyangwa ngo bifatanye n'undi muryango uwo ari wo wose ukorera mu ibanga. Ikimenyetso cy'Imana ntikizashyirwa ku muntu uwo ari we wese ukomeza gukorana na bene iyo miryango kandi umucyo w'ukuri waramaze kumwerekana inzira akwiriye kunyuramo. Kristo ntaremwamo ibice, kandi Abakristo nabo ntibashobora gukorera Imana ngo bakorere n'ubutunzi. Uwiteka aravugaga ati: "Nimuve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, ... kandi ntimugakore ku kintu cyose gihumanya, nanjye nzabakira kandi nzababera So, namwe muzambara abahungu n'abakobwa; ni ko Uwiteka Nyiringabo avugaga." 2 Abakorinto 6: 17-18.¹³²⁵

Uburiganya Bubera mu Miryango Ikorera mu Ibanga: Isi ni urubuga rw'ikinamico, abakinnyi ni abayituye, kandi bari kwitegura gukina umugabane wabo mu mukino ukomeye uheruka. Abantu benshi mu bagize inyokomuntu nta bumwe bagirana, keretse gusa iyo bungiyeye ubumwe gusohozwa imigambi yabo yo kunezeza inarinjye yabo no kwikanyiza. Ibyo bintu Imana irabyitegereza. Imigambi y'Imana ku byerekeye abo yaremye bayigometseho izasohozwa. Nubwo Imana yemera ko urujijo n'imivurungano bimara igihe runaka biganje, ntabwo isi yeguriwe abantu ngo babe ari bo bagenga bayo. Hari imbaraga yihishe inyuma y'ibi iba iri gukora kugira ngo itume habaho ibice bikomeye biheruka byo muri uwo mukino, - Satani aza yishushanije na Kristo, maze agakoreshereza ubushukanyi bwose bwo gukiranurwa mu bantu bihuje n'imiryango ikorera mu ibanga. Abantu bemerera agatima kabarehereza kwifatanya n'iy miryango baba basohozwa imigambi y'umwanzi. Ibyo bakora bizakurikirwa n'ingaruka.

Gucumura kwenda kugera aho kudashobora gukomeza kwihanganirwa. Isi yuzuye urujijo n'umuvurungano, kandi ubwoba bukomeye bugiye gutaha abantu vuba bidatinze. Iherezo riri bugufi cyane. Twebwe abazi ukuri dukwiriye kuba turi kwitegura ibigiye kuba ku isi vuba bidatinze kandi bizatungurana mu buryo bukomeye.¹³²⁶

KURWANYA INYIGISHO Z'IBINYOMA

Guhangana n'Inyigisho Ziyobya Ukoresheje Ukuri: Nahawe itegeko ngo mbabwire yuko atari byiza cyane gutinda ku bitekerezaho bishingiye ku myizerere y'abakorana n'imyuka y'abadayimoni, ku nyigisho z'inzaduka kandi ziyobya zimaze igihe kirekire zinjira muri twe.

¹³²⁵ Letter 21, 1893.

¹³²⁶ Testimonies, vol. 8, pp. 27-28. (1904) [Ibiamya].

Si byiza kubwiriza ku nsanganyamatsiko zerekeye k'ubucurabwenge buvuga ko Imana iba mu kintu cyose no mu muntu wese, cyangwa ngo usome amagambo yanditswe n'abantu banditse kuri iyo ngingo, ndetse n'inyigisho z'ibinyoma n'ubuyobe biganisha kuri yo. Amagambo yanditswe mu muzingo wa 8 w'Ibihamya arahagije kugira ngo aburire abantu bacu bityo birinde ubwo buyobe. Ayo magambo yo mu Bihamya umuzingo wa 8 azakora byinshi mu kumurikira intekerezo kurenza ubusobanuro bwose cyangwa inyigisho zose zerekeye iyo ngingo abagabura bacu n'abigisha bacu bashobora gusobanura.

Nugerageza kugira ibyo usobanura kuri izo ngingo, uzagwa mu mutego wo gusubiramo izo nyigisho z'ibinyoma bya Satani, kandi kubw'ibyo uzaba umufashije kwigisha abantu inyigisho ze z'ibinyoma. Iyemeze kutazigera usubiramo ikinyoma, ahubwo iteka ujye wigisha ukuri. Uzuza imitima n'intekerezo by'abantu ukuri kwera kwagenewe ab'iki gihe.

Ibande ku Kuri Kwagenewe ab'iki Gihe, ari ko Kugaruka kwa Kristo. Umwami wacu agiye kugaruka vuba bidatinze. Dufite igihe gito cyane tugomba kubwirizamo ukuri kwagenewe ab'iki gihe, kandi ni ukuri kugomba guhindura ubugingo bw'abantu. Uku kuri kugomba kwigisha mu buryo bworoshye cyane nk'uko Kristo yakwigishaga kugira ngo abantu bashobore gusobanukirwa icyo ukuri ari cyo. Ukuri kuzatamurura ibicu byazanywe n'inyigisho z'ibinyoma.

Igisha abantu ukuri kwagenewe ab'iki gihe. Vuga ukuri. Uzuza ukuri mu ntekerezo zabo. Ubaka igihome cy'ukuri. Kandi ntukazanire abantu inyigisho za Satani kuko badakwiriye kuzumva nk'izibareba. Ibyo abantu bakeneye si ukwerekana ubuhanga bw'ubushukanyi bwa Satani, ahubwo bakeneye ukuri nk'uko kuri muri Yesu Kristo. Jya wibuka ko ushobora gukorera umwanzi igihe usubiramo ibinyoma bye. Uko tugabanya cyane kuvuga kuri izo ngingo ziteye ishozi, ni ko intekerezo zacu n'amahame dukurikiza bizarushaho kubonera no gutungana bigaca ukubiri no kwanduzwa...

Ikindi kandi, neretswe ko tudakwiriye kuja impaka kuri izo nyigisho zirebana no kwizera imyuka y'abadayimoni, kubera ko izo mpaka nta kindi zizageraho uretse guteza urujijo mu ntekerezo z'abantu. Ibyo bintu ntibikwiriye kuzanwa mu materaniro yacu. Ntidukwiriye gukora twiyuha akuya tuzivuguruza. Abapasitoro bacu n'abigisha bacu nibirundurira kwiga izo nyigisho z'ibinyoma, bamwe bazateshuka bave mu kwizera, bumvire imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni. Umurimo w'umugabura w'ubutumwa bwiza si uwo kuvuga inyigisho z'amahame ya Satani. ...

Erereza ukuri; kandi ukogeze, maze uvuge uti: "Byanditswe ngo."¹³²⁷

Gushyira Ibinyoma Ahagaragara Bigomba Gukoranwa Ubwenge: Intumwa Pawulo aratuburira agira ati: "... bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya no ku nyigisho z'abadayimoni." (1Timoteyo

¹³²⁷ Letter 175, 1904.

4:1). Ibi ni byo dukwiriye kwitega kubona. Ibigerageze bikomeye cyane tuzahura na byo bizaterwa na bene abo bantu bigeze gushyigikira ukuri, ariko igihe cyagera bakagutera umugongo bakisubirira mu by'isi, maze ukuri bakakuribata buzuye urwango n'agasuzuguro.

Imana ifite umurimo abagaragu bayo bakiranuka bagomba gukora. Ibitero by'umwanzi bigomba gusanganizwa ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Inyigisho z'ibinyoma zigomba gushyirwa ahagaragara, imiterere yazo nyakuri igahishurirwa abantu, kandi umucyo wo mu mategeko ya Yehova ugomba kumurika mu mwijima mu micombonera isi irimo. Tugomba kubwira abantu ibyo Ijambo ry'Imana risaba. Nidukerensa iyi nshingano ikomeye, ntituzabura kubarwaho icyaha. Ariko igihe duhagurukijwe no kurengera ukuri, nimutyo twe guhagurutswe no kurengera inarijye, no guteza umuvurungano ukomeye kubera ko twahamagariwe kwihanganira gutukwa no gusebywa. Ntidukwire kwigirira impuhwe ubwacu, ahubwo dukwiriye gufuhira bikomeye amategeko y'Imana Isumbabyose.

Intumwa Pawulo aravuga ati: "Kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo, kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y'ibinyoma." (2Timoteyo 4:3-4). Ahantu hose tuhabona abantu bashorera nk'ingaruzwamuheto mu buryo bworoshye bakajyanwa n'ibitekerezo biyobya by'abantu bahindura ubusa Ijambo ry'Imana; ariko iyo ukuri gushyizwe imbere yabo, bumva bakurambiwe kandi bikabarakaza. Ariko intumwa Pawulo ahugura umugaragu w'Imana agira ati: "Wirinde muri byose, wemere kurengana, ukore umurimo w'umubwirizabutumwa bwiza, usohoze umurimo wawe." (2Timoteyo 4:5)...

Tugomba gukunda cyane amagambo y'Imana yacu kandi tubyitondeye bitaba ibyo tukanduzwa n'ibikorwa bishukana by'abantu baretse kwizera. Tugomba kurwanya umwuka wabo n'imbaraga bakoresha twifashishije intwari Databuja yajyaga akoresha igihe yabaga asumbirijwe n'umwami w'umwijima, kandi iyo ntware ni iyi ngo, "Byanditswe ngo." Dukwiriye kwiga gukoresha Ijambo ry'Imana mu bwenge. Inama tugirwa ni yi ngo: "Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri." (2Timoteyo 2:15). Hagomba kubaho gukorana umurava no gusengana umwete no kwizera kugira ngo tubashe guhangana n'inkubi y'inyigisho z'abigisha b'ibinyoma n'abashukanyi; kuko "mu minsi y'imperuka hazabaho ibihe birushya." 2 Timoteyo 3:1.¹³²⁸

Abahonotse Inyigisho z'Ibinyoma: Uburyo dushobora kunesherezamo umubi ni bumwe n'ubwo Kristo yamutsindishije – ni imbaraga yo mu ijambo ry'Imana. Ntabwo Imana itegeka ibitekerezo byacu tutabiyemereye, nyamara iyo twifuza kumenya ubushake bwayo no kubukurikiza, amasezerano yayo ahinduka ayacu: "Muzamenya ukuri kandi ukuri niko

1328 *Review and Herald*, Jan. 10, 1888. [Urwibutso n'Integuza].

kuzabakura mu buja.” “Umuntu wese ukunda gukora ibyo Imana ishaka azamenya ko ibyo nigisha bituruka ku Mana” Yohani 8:32; 7:17 [Bibiliya Ijambo ry’Imana]. Binyuze mu kwizera aya masezerano, umuntu wese ashobora gukizwa imitego y’ikinyoma no gutegekwa n’icyaha.

Umuntu wese afite umudendeze wo guhitamo imbaraga izajya imutegeka iyo ari yo. Nta muntu n’umwe waguye ngo agere kure cyane, nta n’umwe wononwe n’ibibi cyane ku buryo Kristo atashobora kumukiza. Mu cyimbo cyo kuvuga isengesho, uwari utewe n’umudayimoni yavugaga amagambo ya Satani yonyine, nyamara kwinginga ko mu mutima we kutavugwaga n’amagambo kwarumviswe. Nta gutaka k’umuntu ukeneye gutabarwa kutazabura kwitabwaho bona nubwo kwananirwa kumvikanishwa n’amagambo. Ntabwo abantu bemera kwinjira mu isezerano ryo kugirana umushyikirano n’Imana yo mu ijuru bazarekerwa mu bubasha bwa Satani cyangwa ngo barekerwe mu kwangirika kwa kamere yabo. Umukiza arabahamagara ati, “Ahubwo yisunge imbaraga zanjye abone kuzura nanjye, ndetse niyuzure nanjye” Yesaya 27:5. Imyuka y’umwijima izarwanira ubugingo bw’umuntu buri mu butware bwayo, nyamara abamarayika b’Imana bazarwanirira ubwo bugingo bakoresheje imbaraga zidacogora.¹³²⁹

Kwemera ko nta cyo Tubiziho: Abantu batwoherereje amabaruwa batubaza ku ngingo zimwe na zimwe Imana itaduhayeho umucyo, bityo twashimishijwe no gusubiza abo batubazaga tuti, *Ntitubizi*. Igikwiriye guhangayikisha umuntu wese ni ukumenya Imana n’ibyo isaba. Hahirwa abumva Ijambo ry’Imana maze bakarikurikiza. ...

Abantu bagira amatsiko yo kumenya ibintu bitagaragajwe mu Byanditswe Byera, muri rusange baba biga amajyejuru ibijyanye n’ibifite uburemere bukomeye ku mibereho n’imigirire bya buri muni. ... Dukwiriye guhishurira abatuye isi ibintu Imana yabonye ko ari ngombwa maze ikabiduhishurira. Igihe tuvuga dukekeranya ku bintu Imana yabonye ko ari ngombwa kutabiduhishurira, ntabwo tuba dukora ibihuje n’ubushake bwa Data wo mu ijuru. Umuntu wese afite amahirwe yo kugaragariza abandi ko aha agaciro ukuri mvajuru, kandi ko aha ashimishwa n’ubutunzi bw’ubugingo buhoraho abinyujije mu kwitanga uko ariko kose kugira ngo azabashe guhabwa ingororano.¹³³⁰

IGICE CYA 19

UMUKOZI N'IBYO AGOMBA KUBA YUJUJE

IMITERERE Y'UMURIMO W'IBWIRIZABUTUMWA

Kora Cyane kubw'Agakiza k'Abantu: Igihe umwungeri agomba kuja gushaka intama yazimiye, ntabwo agomba kugira umwete usanzwe, ahubwo agomba gukora cyane kubw'agakiza k'abantu. Ibi bisaba kwinira mu mutima umaramaje, kwegera Imana usengana umwete kugira ngo tubashe kuyimenya kandi tumenye n'imbaraga z'ubuntu bwayo, "kugira ngo mu bihe bizaza, izerekane ubutunzi bw'ubuntu bwayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu." Abafeso 2:7.¹³³¹

Kugirira Impuhwe Abatarakizwa: Mbega ukuntu bake muri twe ari bo babona agakiza k'abanyabyaha mu mucyo nk'uwo ijuru rikabonamo, -bakaba babona ko ari umugambi yari ibifite mu ntekerezo zayo uhereye katanga ka mbere! Mbega uburyo bake cyane muri twe ari bo bahuje umutima n'Umucunguzi ku byerekeye uyu murimo utarangwamo gukebakeba kandi uheruka! Uko bigaragara, impuhwe dufitiye abantu batarakizwa ziri ku rugero rungana n'icumi ku ijana. Hari abantu benshi cyane bakeneye kuburirwa; ariko mbega ukuntu abantu bake gusa ari bo bafatanyaga n'Imana bihagije ku buryo bakwemera kuba icyo ari cyo cyose cyangwa guhinduka ubusa kugira ngo babone abantu bagarurirwa Kristo!¹³³²

Ukwezwaga, Urukundo no Kwitanga: Umukozi w'Imana akwiriye gukoresha imbaraga zihanitse z'ubwenge n'iz'imicombonera akomora ku miterere ye kamere, ku burezi no ku buntu Imana yamugiriye; ariko intsinzi ye izahwana n'urugero rwo kwezwaga agezeho ndetse n'ubwitange akorana umurimo we, kuruta uko iyo ntsinzi yashingira ku mpano izo ari zo zose yaba afite zaba karemano cyangwa izo yigishijwe. . . . Ubuntu bw'Imana ni

¹³³¹ Letter 8, 1895.

¹³³² *Gospel Workers*, p. 116, (1915).

bwo pfundo rikomeye ry'imbaraga ikiza; kuko ubwo buntu butariho umwete wose umuntu akoresha wahinduka impfabusa.¹³³³

Urukundo n'Impuhwe: Uwiteka ashaka ko abantu biyibagirwa ubwabo mu muhati bagira wo gukiza imitima. Turamutse dukomeje kwiberaho ariko ntitugire ibimenyetso by'urukundo n'impuhwe dusiga inyuma yacu, ubuzima bwacu bwaba ari bubi cyane ndetse birenze no gutsindwa mu buzima. Ntabwo Imana izakorana n'umuntu utagira ubwuzu, winangira kandi utarangwa n'urukundo. Bene uwo muntu yangiza icyitegererezo Kristo yifuza ko abakozi be bahishurira abatuye isi. Mu murimo uwo ari wo wose barimo, abakozi b'Imana bagomba kugaragazamo ubugiraneza, impuhwe n'urukundo bya Kristo.

Imana irahamagara abatwaramucyo bazuzura isi umucyo n'amahoro n'ibyishimo bituruka kuri Kristo. Imana izakoresha abantu bicisha bugufi, abantu bazahora bazirikana ko ari abanyanteye nke, abantu batazajya batekereza ko umurimo w'Imana ari bo ushingiyeho ko ntacyakorwa badahari. Abantu bameze batyo bazibuka ko umurimo w'Imana ubasaba imvugo n'igikorwa bitunganye kandi byuje ikinyabupfura Imana ishaka. Bazajya bagaragariza abantu yuko Kristo atuye mu mitima yabo bityo akeza impagarike yose.¹³³⁴

Kwiyoroshya kw'Abana Bato: Nimutyo dukoreshe ubushobozi bwacu bwose, dushake ukuntu ukuri kugenewe iki gihe kwakumvikana neza ku bantu batagusobanukiwe. Umugisha w'Imana uzaba ku muntu wese uzakorana ubwenge umurimo wayo. ...

Nimutyo twimenyereze kwiyoroshya nk'abana bato. Bibiliya, Igitabo cy'Imana gifite agiciro kenshi, ni yo mwigisha wacu. Abantu bose bazagendana n'Imana bicishije bugufi izabaha Umwuka wayo Wera, kandi izagira icyo ibakorera ibinyujije mu bamarayika bayo bera bityo batere imitima y'abantu kwakira neza Ijambo ryayo.¹³³⁵

Dukore Tutarindiriye Kogezwa: Tugomba gukora umurimo wacu mu buryo buboneye kandi dukiranuka nubwo nta muntu n'umwe waba uri ku isi ngo avuge avuge ati: "Wakoze neza." Imibereho yacu ikwiriye kuba nk'uko Imana yagennye ko ikwiriye kuba – tukaba dukiranuka mu magambo meza tuvuga, mu bikorwa by'ubugwaneza kandi bivuye ku mutima, mu kugaragaza kwiyoroshya, kubonera n'urukundo. Nitubigenza dutyo, ni bwo tuzaba duhagarariye Kristo ku isi

Abantu bananijwe n'umurimo, bari ku ruhembe rw'imbere mu murimo ukomeye wo gukiza imitima, abo ni bo Imana izaha icyubahiro.¹³³⁶

Akaga Gaterwa no Gushyeshya: Hanga amaso Kristo. Ntugahange amaso yawe ku mugabura ugushimisha kuruta abandi, ngo wigane urugero

1333 *Counsels to Teachers*, p. 537,538. (1913).

1334 *Letter* 197, 1902.

1335 *Manuscript* 77, 1909.

1336 *Letter* 120, 1898

rwe n'ibimenyetso akora; muri make ngo uhinduke nk'igicucu cye. Ntugatume hari umuntu ugira icyitegererezo cy'ibyo ukora n'imibereho yawe....

Ntukagire umuntu wogeza n'uwo ushyeshya; kandi ntugakundire umuntu wese kukogeza cyangwa kugushyeshya. Satani azakora byinshi cyane bijyana n'uwo murimo wo kogeza no gushyeshya. Uzakure amaso ku muntu wakoreshejwe, ahubwo uje utekereza kuri Kristo. Nimuhimbaze Uwiteka, muhe Imana yacu ikuzo. Nimuririmbire Imana mu mitima yanyu. Muganire ibyerekeye ukuri kwayo. Nimuganire iby'ibyiringiro by'Umukristo, ari byo juru Umukristo yateguriwe.¹³³⁷

Ntimugakomeretswe n'Ubusa mu Marangamutima: Ntidukwiriye kwemerera amarangamutima yacu gukomereka mu buryo bworoheje. Ntabwo tubereyeho kurinda amarangamutima yacu n'uburyo tuzwi mu bantu, ahubwo tubereyeho gukiza ubugingo bw'abantu. Uko turushaho kwita ku gakiza k'abantu, tureka gutekereza ku tuntu duto tudutandukanya dukunze kubyuka mu mibanire yacu na bagenzi bacu. Icyo abandi bashobora kudutekereze cyose ntigikwiriye guhungabanya ubumwe dufitanye na Kristo, ngo gihungabanye uko dusabana na Mwuka Muziranenge.¹³³⁸

Umutima Unezerewe kandi Wishimye: Nitugira ibyiringiro bizima kandi byumvikana by'agakiza kacu, tuzagaragaza umunezero n'ibyishimo bisigara biranga umuyoboze wese wa Yesu Kristo. Imbaraga y'urukundo rw'Imana yoroshya umutima kandi ikawigarurira maze ikagaragarira mu mibereho y'ibifatika umuntu akora, izagira icyo ihindura ku mitima y'abantu kizaba impumuro y'ubugingo izana ubugingo. Ariko kugaragaza umwuka wo gusharirira abandi ubaciraho iteka, bizatera abantu benshi kuzibukira ukuri maze bajye kwifatanya n'ingabo z'umwanzi. Hakenewe ibitekerezo bidakebakeba! Kwita ku bantu bageragezwa tubikoranye kwihangana bidusaba kurwana n'inariye.¹³³⁹

Kuba Umugwaneza kandi Woroheje mu Mutima: Ntabwo agaciro k'umurimo wacu gashingiye mu gusakuza ku isi yose, cyangwa ngo turwane ishyaka, cyangwa tugire umwete mwinshi, kandi ngo dukore mu mbaraga zacu bwite. Agaciro k'umurimo wacu gahwanye n'urugero rw'Umwuka Wera twahawe. Agaciro k'umurimo wacu gaturuka ku kwiringira Imana, kuko ari byo bizana kwera guhebuje kw'intekerezo, kugira ngo muri uko kwihangana tubashe gutegeka imitima yacu. Dukwiriye guhora dusaba Imana kugira ngo itwongerere imbaraga, ngo idukomereze mu mbaraga zayo, kandi ngo ikongeze umurimo w'urukundo rwayo mu mitima yacu. Umurimo w'Imana utezwa imbere cyane n'abantu b'abagwaneza kandi boroheje mu mutima.¹³⁴⁰

¹³³⁷ Manuscript 8a 1888.

¹³³⁸ Ministry of Healing, p. 485. (1905).

¹³³⁹ Letter 1a, 1894.

¹³⁴⁰ Manuscript 38, 1895.

Umurimo ni uw'Imana si Uwacu: Noneho, dore ikintu twifuza ko musobanukirwa: ni uko umurimo atari uwacu, ahubwo ni uw'Imana. Twebwe turi ibikoresho gusa biri mu biganza byayo kugira ngo tuwusohoze. Dukeneye gushaka Uwiteka n'imitima yacu yose kandi azagira icyo adukorera.¹³⁴¹

Kwigomwa Kuri Buri Ntambwe: Turi bugufi bw'iherezo ry'amateka y'iyi si, kandi ibyiciro bitandukanye by'umurimo w'Imana bigomba gutezwa imbere hakoreshejwe kwitanga kuruseho birenze uko byigeze bikorwa mu bihe byashize. Umurimo ugomba gukorwa muri iyi minsi iheruka ni umurimo w'ibwirizabutumwa. Ukuri kugenewe iki gihe, uherye ku nyuguti yako ibanza ukagera ku iheruka, gusobanuye gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Umurimo ugomba gukorwa usaba kwitanga no kwigomwa kuri buri ntambwe dutera. Abakozi bagomba kuva mu igeragezwa bejejwe kandi batunganijwe nk'izahabu yageragereshejwe umurimo.¹³⁴²

Kwigisha no Kubaho nk'uko Inyigisho Ziri: Abagaragu b'Imana bakwiriye kwigengesera cyane ku biyanye n'inyigisho bigisha, ku rugero batanga ndetse n'impinduka bateza ku ababagana bose. Intumwa Pawulo itanga itorero ho umugabo ndetse n'Imana ubwayo ko bahamya by'ukuri ko ibyo yavugaga atabeshya. Yaravuze ati: "Mwebwe n'Imana ni mwe ntanzeho abagabo b'uburyo twameranaga namwe, turi abera, dukiranuka kandi tutariho umugayo." 1 Abatesalonika 2:10.¹³⁴³

Kwirinda Gukomatanya Imirimo: Tugomba kuba abakozi bakorana na Kristo. Abantu bari mu murimo we bakeneye kwitandukanya n'imirimo y'uruvangitirane yose ishobora gushyira ibizinga mu mico yabo isa n'iya Kristo. Abarobyi Umukiza yahamagaye bahise basiga incundura zabo. Abantu biyeguriye mu murimo w'ubugabura ntibagomba kwijandika mu mirimo y'ubucuruzi izabazanira kugubwa nabi mu buzima bwabo kandi ikangiza iterambere ryabo mu by'umwuka mu murimo Uwiteka yabahaye ngo bakore.¹³⁴⁴

Kutavugisha Ukuri Biteza Akaga: Mu mibereho y'umukozi ntihakwiriye kubamo uburiganya n'ubuhemu. Nubwo ikinyoma hari ubwo cyafatwa nk'ukuri, ni kibi cyane ku muntu uwo ari we wese, kandi kutavugisha ukuri biteza akaga.¹³⁴⁵

Umwuka wo Gusharira Uhakana Kristo: Abantu bashobora kuvuga ibyerekeye inyigisho z'amahame badasobwa, kandi bashobora kugaragaza ukwizera gukomeye mu magambo bavuga gusa, ariko se baba bafite ubugwaneza n'urukundo byarangaga Kristo? Iyo bagaragaje umwuka w'ubusharire, no kujora abandi, baba bahakana Kristo. Niba batagira neza,

1341 *Review and Herald*, May 10, 1887. [Urwibutso n'Integuza].

1342 *Review and Herald* Nov. 18, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

1343 *Review and Herald*, Nov. 11, 1900. [Urwibutso n'Integuza].

1344 *Letter* 53, 1905.

1345 *Medical Missionary*, January, 1891

batarangwa n'umutima w'ubugwaneza kandi ntibihangane, baba batandukanye na Yesu; ahubwo baba bashuka ubugingo bwabo bwite. Umwuka wose uhabanye n'urukundo, kwicisha bugufi, ubugwaneza no kwiyoroshya byarangaga Kristo, uko waba watura kose umuhamya uba umwihakana.¹³⁴⁶

Tuganire Ibyerekeye Ukwizera no Gukomezanya: Nimutyo tujye twitondera amagambo tuvuga. Nimutyo tujye tunganira ibyerekeye ukwizera; bityo bizatuma tugira ukwizera. Mu murimo w'Imana ntukigere uha akito igitekerezo gishobora guca abantu intege. Ntukigere uvuga ijamba ryo gushidikanya. Bene iryo jambo ni nk'urubuto ruba rubibwe mu mutima w'uvuga no mu mitima y'abamuteze amatwi kugira ngo ruzatange umusaruro wo gucika intege no kutizera.¹³⁴⁷

Kunenga Abakozi Bagenzi Bawe Bibaca Intege: Dufite amahirwe yo kuvuga amagambo azatera umwete kandi agakomeza abakozi bagenzi bacu dufatanyije umurimo. Nta burenganzira dufite bwo kuvuga amagambo azabaca intege. Twaba tubaye abapfapfa turamutse twigereraniye n'abandi bakozi, tukavuga ibyo badakora neza, kandi tunakemanga uburyo bakoresha. Ntibyatangaza turamutse tubonye ko abantu bafite inshingano ziremereye kandi bahura n'ibigerageze byinshi rimwe na rimwe bakora amakosa ...

Nimutyo twimenyereze ibyiza biba bikorwa na bene Data na bashiki bacu, bityo abe ari byo tunganiraho.¹³⁴⁸

Ishyari n'Urwikekwe Bibyara Amacakubiri: Nta kintu kibaho kidindiza kandi kikagwabiza umurimo w'Imana mu mashami yawo anyuranye nk'ishyari, urwikekwe no gukekeranya ibibi ku bandi. Izo ngeso zigaragaza ko nta bumwe buri mu bakozi b'Imana. Kwikunda no kwikanyiza ni umuzi w'ibibi byose.¹³⁴⁹

Igikomere Kidakira ku Bakozi Umuntu Ashinzwe Gucunga: Ntihakwiriye kubaho umuntu wigira intavugirwamo n'umunyagitugu mu mikoranire ye n'abakozi b'Imana. Abafite umutima wo kunenga bakwiriye kwibuka ko nabo bigeze gukora amakosa akomeye ahwanye n'ayo bari guciraho iteka mu bandi. Bakwiriye kunama imbere y'Imana bihana, bakayisaba imbabazi kubera imvugo ikarishye bakoresheje ndetse n'umwuka utarangwamo kwitegeka bagaragaje.

Mbese ntidushobora gukemura ibibazo biriho dukora uko dushoboye kose ngo twomere abakomerekejwe, aho kubaca ingingo tukabasigira ubumuga bazahorana mu buzima bwabo bwose, kandi bari kuvurwa bagakira?¹³⁵⁰

¹³⁴⁶ *Review and Herald*, Feb. 9, 1892. [Urwibutso n'Integuza].

¹³⁴⁷ Letter 77, 1895.

¹³⁴⁸ Letter 204, 1907.

¹³⁴⁹ Letter 113a, 1897.

¹³⁵⁰ Manuscript 143, 1902.

Kunenga Abandi bica Intege Umurimo wawe Ubwawe: Imigambi n'uburyo abakozi b'Imana bakurikiza bigomba gutandukanywa rwose n'amabwiriza n'amategako agenga imikorere y'ab'isi. Umurimo wabo ugomba gukoranwa kwiyoroshya nk'ukwarangaga Kristo. Muje mwibuka yuko umuntu ufata umwanya wo kujora abandi aca intege cyane amaboko ye bwite. Nta mugabo cyangwa umugore Imana yahaye inshingano yo kujora amakosa y'abakozi bagenzi be.¹³⁵¹

Ikigeragezo cya Satani Kidasanzwe: Niba abantu bifuzaga kuba aho Imana ishobora kubakoresha, ntibagomba kujora abakozi bagenzi babo, ngo bagaragaze inenge zabo. Iki ni cyo kigeragezo kidasanzwe Satani ateza abantu, ahirimbana gukoma mu nkokora umurimo.¹³⁵²

Kumva wihagije bisenya umurimo: Dukeneye abantu bazakomeza umurimo kandi bakawubaka, batazawusenyaga kandi ngo bashake gusenya ibyo abandi bagaragaze gukora. Dukeneye abagabo n'abagore Imana yatunganye, bameze nk'isambu itarigeze ihingwa kandi bafite imitima imenetse.

Ntidukeneye abakozi bagomba kunganirwa kandi ngo bahekwe n'abamaze igihe kirekire mu kwizera, bibonamo ko ari intungane. Bene abantu turababwira tuti: "Nimugume aho muri." Twakoze ibihagije byose kuri icyo cyiciro cy'abakozi. Turashakaga abakozi batokamwe no kwikanyiza, abakozi batiyemera kandi batibwira ko bihagije.¹³⁵³

Gutuma Kwamamaza Ubutumma Bigora: Abakozi b'umwanzu w'Imana n'umuntu akenshi bagaragarira mu mwuka ubaranga n'uko bitwara kuri bagenzi babo. Usanga bakomeretsanyaga kuko muri bo badafite kamere y'Imana; bityo ibyo bakora birwanya ubutungane bw'imico yabo bwite. Ubwabo bizanira ingorane bityo bigatuma umurimo n'inenge zo mu mico yabo ari indangagaciro zikomeye bakwiriye gukomeraho no gushimangira

Abantu batuma umurimo wo kwamamaza ukuri urushaho gukomera incuro cumi ugeranije n'uko wari usanzwe. Ibyo babikora iyo bashakaga gukura umurimo w'Imana mu biganza byayo maze bakawushyira mu maboko yabo bwite by'abantu bapfa. Batekereza ko bagomba guhora bahimba icyatuma abantu bakora ibyo bibwira ko bagombye gukora. Bityo rero igihe gikoreshejwe muri ubwo buryo gituma umurimo urushaho gukomera bitewe n'uko Umukozi Mukuru aba yahejwe mu gikorwa cyo kwita ku murage we bwite. Abantu biha umurimo wo gusenya inenge zirangwa mu mico y'abandi, bityo umusaruro babona ukaba uwo gutuma za nenge zirushaho kuba mbi. icyiza ni uko bareka Imana igakora umurimo wayo; kuko itababonamo ubushobozi bwo kugorora imico ya bagenzi babo.¹³⁵⁴

1351 *Review and Herald*, Sept. 2, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

1352 *Manuscript* 152, 1898.

1353 *Manuscript* 173, 1898.

1354 *General Conference Bulletin*, Feb. 25, 1895.

Gutunganyirizwa mu Murimo: Abantu bafite inenge mu mico yabo, mu myitwarire, mu byo bimenyereje no mu migirire yabo, bakwiriye kumvira inama bahabwa kandi bakita ku gucyahwa kubabaho. Iyi si ni uruganda rw'Imana, kandi ibuye ryose rishobora kubakishwa mu ngoro yo mu ijuru rigomba gusaturwa maze rigatunganywa neza kugeza ubwo riba ibuye ryageragejwe kandi ry'igiciro, rikwiye mu mwanya waryo ku nyubako y'Uwiteka. Ariko nitwanga kwigishwa no guhabwa umurongo ngenderwaho, tuzaba nk'amabuye adasatuwe kandi adatunganijwe, yajugunywe ku ruhande kuko ari imburamumaro.¹³⁵⁵

IMPANO Y'UMUCO N'UBUGIRANEZA

Icyitegererezo Cyacu Gikomeye: Mu mibereho ya Kristo yashyiraga mu bikorwa inyigisho ze mvajuru. Ishyaka n'umwete yagiraga ntibyigeze bimutera ubwaka. Yagaragazaga kudakebakeba ariko ntiyari anangiye umutima, akagira impuhwe nyinshi ariko ntabe umunyanteye nke, yagiraga ubugwaneza n'impuhwe bitarangwa no kugendera ku marangamutima. Yasabanaga n'abandi cyane, ariko yariyubahaga ku buryo bitatumaga abantu bamwubahuka ngo bamwisanzureho mu buryo budakwiye. Kwirinda kwe ntikwigeze kumutera kugirira abandi urwikekwe cyangwa kutabihanganira. Ntiyigeze yishushanya n'ab'isi; ariko kandi ntiyirengagizaga ubukene bw'abari hanyuma y'abandi. Yahoraga yitaye ku bukene bw'abantu bose.¹³⁵⁶

Icyitegererezo Kitagira Amakemwa: Guhera mu buto bwe kugeza abaye mukuru, Kristo yaranzwe n'imibereho yari icyitegererezo kitagira amakemwa cyo kwicisha bugufi, gukorana umwete no kumvira. Yahoranaga ibitekerezo byiza kandi akazirikana abandi. Iminsi yose yarangwaga no kwigomwa. Yaje ku isi afite ikimenyetso cy'ijuru, ataje gukorera ahubwo aje gukorera abandi. . . .

Ubuzima bwa Kristo butarangwaga no kwikanyiza ni icyitegererezo kitagira amakemwa ku bantu bose. Imico ye ni icyitegererezo cyerekana imico twari dukwiriye kugira niba tugera ikirenge mu cye.¹³⁵⁷

Icyubahiro, Ikinyabupfura, no Gutungana: Kora uko ushoboye ubumbatire icyubahiro cy'umurimo binyuze mu mibereho igendera kuri gahunda n'ibiganiro birangwamo kubaha Imana. Ntuzigere ugira ubwoba bwo kuzamura cyane urugero ngenderwaho. Imiryango yiyeguriye mu murimo w'ibwirizabutumwa ikwiriye kwegera imitima y'abantu. Umwuka wa Yesu ukwiriye gusaba ubugingo bw'umukozi we. Bityo, amagambo ashimishije kandi yuzuye impuhwe, no kugaragaza urukundo ukunda ubugingo bwabo utagamije indi nyungu, ni byo bizasenyana inzitiro z'ubwibone no kwikanyiza, kandi byereke abatizera ko dufite urukundo rwa Kristo. Ubwo ni bwo ukuri kuzabona inzira kunyuramo, maze kugere mu mutima. Uyu ni wo murimo tugomba gukora, kandi ni ko gusohoza

¹³⁵⁵ *Youth's Instruction*, Aug. 31, 1893.

¹³⁵⁶ *Manuscript* 132, 1902.

¹³⁵⁷ *Manuscript* 108, 1903.

umugambi w'Imana. Ububi bwose no kudatungana kose bikwiriye kuba kure yacu. Urugwiro, gutungana n'ikinyabupfura bya gikristo ni byo dukwiriye kwimakaza. Mwirinde guhubuka no kuba abantu banangiye imitima. Ntimugafate ako kamenyero ko guhubuka no kwintangira nk'indangagaciro nzima, kuko Imana atari ko ibifata. Nimuhirimbanire kutagira umuntu mukoza isoni bitari ngombwa.¹³⁵⁸

Kristo ni icyitegererezo cyacu Kituranga: Kugira ibitekerezo binoze n'imyitwarire itunganye byigirwa neza mu ishuri ry'Umwigisha wavuye mu ijuru kuruta uko wabyigira mu gukurikiza urutonde rw'amategako. Urukundo rw'uwo Mwigisha rwasabye umutima w'umuntu, ruramunagura, agahinduka, maze imico ye igahinduka nk'iya Kristo. Ubu burezi butuma umuntu agira icyubahiro mvajuru kandi akumva akwiriye. Butuma umuntu agwa neza kandi akagira ubuntu ku rwego rutagereranywa no guhabwa ishusho nziza y'inyuma y'ibigezweho muri iki gihe.¹³⁵⁹

Ikiranga Umuntu cy'Ukuri - Impuhwe n'Ubugwaneza Byinshi: Abantu bita cyane ku myitwarire igaragara inyuma, basuzugura ikintu cyose kitujuje urugero ngenderwaho baba barishyiriyeho, nubwo cyaba ari icy'agaciro gahebuje. Ibi ni uburere bupfuye. Bushimangira ubwibone bwo kujora abandi no kubaheza bishingiye ku bitekerezo bigufi.

Ishingiro ry'ikinyabupfura nyakuri ni ukubaha abandi. Uburezi bwa ngombwa kandi buramba ni ubusakaza mu bantu bose umico wo kugira impuhwe n'ubuntu kandi bugateza imbere ubugwaneza ku bantu bose.¹³⁶⁰

Ubuntu n'Ubugiraneza: Mwembi mukeneye ubakoraho atuje. Amagambo yanyu akwiriye gukomeza abantu, ntagomba kubabwira amahwemo. Nimutyo imitima yanyu yuzure urukundo mukunda ubugingo bw'abantu. Nimukorere gukiza ababazengurutse mufiteho kubitaho mu mwuka w'ubugwaneza bwimbitse. Muramutse mubonye umuntu akora ikosa, nimumusange mukurikije inzira Kristo yerekanye mu Ijambo rye, maze murebe ko mutabiganiraho mu mwuka w'ubugwaneza wa Kristo. Mufatanye nawe gusenga, kandi mwizere ko Umukiza azabereka inzira ibakura muri iyo ngorane.

Abagabura b'ubutumwa bwiza bakeneye cyane ubuntu bw'Imana kugira ngo bashobore gukora umurimo wabo mu buryo bukwiriye. Igihe umugabura (umupasitoro) abonye ko bamwe mu bizera b'itorero bashyamiranye, akwiriye gushaka uko abihagarika, agahirimbanira ko bongera kumvikana. Ntakwiriye kubaha inama zikakaye, inama z'igitugu cyangwa ngo abategeke icyo bakora. Ntabwo ibyo ari ngombwa. Uramutse ubikoze, byaba umwaku kurusha ibyangijwe. ...

Uwiteka arabahamagara ngo mugaragaze imbaraga ihinduka kandi izahura abantu. Nimwakire ukuri kw'Ijambo ry'Imana mu mitima yanyu.

1358 *Review and Herald*, Nov. 25, 1890. [Urwibutso n'Integuza].

1359 *Uburezi* p 252.

1360 *Uburezi*, p. 252.

Nimugenza mutyo ni bwo muzashobora kugira umutima w'Imana. Nimwishyire muni y'imbaraga ihindura y'Umwuka Wera. Ubwo ni bwo muzarushaho kugwiza imbaraga zo gukora icyiza....

Ahantu hose urukundo rwa Yesu rwimitswe, haba amahoro n'umutuzo. Aho bimakaje urwo rukundo, ruhinduka nk'isoko ihembura yo mu butayu, rugahindura ubutaka bw'umutagwe ahantu harumbuka.¹³⁶¹

Ubuhanga no Gutekereza neza Byoroshya Imitima: Gukoresha uburyo bwiza no gutekereza neza byongerera umukozi kuba ingirakamaro incuro ijana. Navuga amagambo atunganye mu gihe gikwiriye, kandi akagaragaza umwuka mwiza, iyo myitwarire izabyara imbaraga yoroshya umutima w'umuntu ari kugerageza gufasha.¹³⁶²

Kugaragariza Ineza abo Mudahuje Imyizerere: Abantu tudahuje ukwizera n'inyigisho dukwiriye kubafata neza, mu mwuka w'ubugwaneza. Abo bantu ni umutungo wa Kristo, kandi tugomba kuzahura na bo kuri wa muni ukomeye uheruka. Tuzahurira na bo amaso ku maso mu rubanza, kandi tuzabona ibyanditswe ku bitekerezo byacu, amagambo twavuze n'ibikorwa twakoze bigaragara mu buryo butandukanye n'uko mwabibonaga, ahubwo muzabibona nk'uko byari biri mu by'ukuri. Imana yaduhaye inshingano yo gukundana nk'uko Kristo yadukunze.¹³⁶³

Umurimo Utarimo Kwiyehera n'Ubwikanyize: Niba abantu bifuzaga kuzagera ku ntsinzi mu murimo wabo, bakwiriye gukora bakurikije amabwiriza y'Imana na gahunda yayo. Imana izemera gusa imihati ikoranwa umutima w'ubushake no kwicisha bugufi, hatarimo ukwiyehera cyangwa ubwikanyize bw'umuntu ubwe.¹³⁶⁴

Ambara Inkweto z'Ubutumwa Bwiza: Musaza wanjye, ndifuzaga cyane ko wazaba umuntu Imana yishimira. Ukwiriye guhinduka mu mibereho yawe. Ufite ukuri kw'igiciro cyinshi ugomba kubwira abantu, ariko ugomba kwambara inkweto z'ubutumwa bwiza. Ibirenge byawe bikwiriye "kwambara ubutumwa bwiza bw'amahoro bwiteguza" abantu. Uburyo ukoresha ubwira abantu ijamba ry'Imana ntabwo iteka bushimisha Imana. Ukeneye kwiyumvamo imbaraga y'Imana ihindura ubugingo buri muni. Wuzuye imbaraga n'ingufu z'umubiri, kandi ukeneye ubuntu bwa Kristo cyane, kugira ngo abantu bakuvugeho nk'uko bamuvugaga ngo "Ineza yawe yarankomeje." Umwuka Wera niyigarurira intekerezo zawe kandi akaba umuganga w'uko wibwira n'ibyo wiyumvamo bikomeye, uzarushaho gusa na Kristo.¹³⁶⁵

.....**Ukwera k'Umurimo w'Imana.**-Gufata ibintu byera nk'uko twafata ibintu bisanzwe ni ugucumura ku Mana; kuko ibyo Imana yikubitiye ikabyeza ngo bikore umurimo wayo mu kugeza umucyo kuri

¹³⁶¹ Manuscript 105, 1902.

¹³⁶² Gospel Workers, p. 119. (1915).

¹³⁶³ The Youth's Instructor, Dec. 9, 1897.

¹³⁶⁴ Letter 66, 1887.

¹³⁶⁵ Review and Herald, Sept. 8, 1896. [Urwibutso n'Integuza]

iyi si birera. Abantu bafite aho baturira hose n'umurimo w'Imana ntibagomba kugendera mu bwibone bw'ubwenge bwabo bwite, ahubwo nibirate ubwenge bw'Imana. Nibitaba bityo bazaba mu kaga ko gufata ibyera n'ibintu bisanzwe babishyire ku rwego rumwe, bityo bitandukanye n'Imana.¹³⁶⁶

Kuzirikana Inshingano Yera: Abasore n'inkumi benshi bari guhaguruka ngo birundurire mu murimo w'Imana, kandi bamwe muri bo ntibazi ndetse ntibanazirikana ukwera n'inshingano byo mu murimo w'Imana ... Baganira amagambo y'amanjwe kandi bagakina n'abakobwa; kandi hafi ya buri munsu baba bumva ukuri kwejwe kandi gukora ku mutima cyane.¹³⁶⁷

Hakenewe Abigisha Ijambo ry'Imana si Abakinnyi nk'ab'Ikinamico: Ndabona yuko hari ivugurura rikomeye rigomba kuba mu murimo wo kwamamaza ubutumwa kugira ngo ubone kuba nk'uko Imana iwifuzaga. Abagabura bari ku ruhimbi nta burenganzira bafite bwo kwitwara nk'abakina ikinamico, bagira inyifato kandi bagakoresha imvugo b'abakinnyi bagambiriye kugira umusaruro bageraho. Ntabwo bari ku ruhimbi rwera nk'abakinnyi b'ikinamico, ahubwo ni abigisha b'ukuri kwejwe. Hari kandi n'ababwirizabutumwa cyangwa abagabura b'abaka. Iyo bagerageza kubwiriza abantu ibya Kristo, baratontoma, bagasakuza cyane, bagasimbagurika, bagahondagura uruhimbi, nk'aho ibyo bakoresha umubiri wabo hari icyo byungura. Bene ibyo bikorwa nta mbaraga byongera ku kubiri kuvugwa, ahubwo ibiramambu, bizinura abagabo n'abagore bashyira mu gaciro kandi bagira ibitekerezo biri mu rwego rwo hejuru. Abantu biyemeza gukora umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza bafite inshingano yo gusiga gusamara kose n'inyifatire yose y'ubwirasi nibura igihe bagiye ku ruhimbi.

.Ibimenyetso by'imburamumaro kandi bitarangwamo ikinyabupfura ntibigomba kwihanganirwa mu mibereho isanzwe; mbega ukuntu bikwiriye kurushaho kutihanganirwa mu murimo wera wo kwamamaza ubutumwa bwiza! Umugabura w'ubutumwa bwiza akwiriye gukura ubuntu, urugwiro n'inyifato inoze. Akwiriye kugendana icyubahiro atuje, agahinduka nk'uko umuhamagaru we wo ku rwego ruhanitse uri. Icyubahiro, ubutware runaka buva ku Mana buvanze no kwiyoroshya, ni byo bikwiriye kuranga imyitwarire y'umwigisha w'ukuri kw'Imana.

Ababwiriza ntibakwiriye kuvugira udutekerezo tw'uduhimbano ku ruhimbi. Bene ibyo bitekerezo byambura ukuri kwigishijwe imbaraga yako no kwera kwako. Kubwira abantu udutekerezo cyangwa inkuru zibatera guseka cyangwa mu bwenge bw'abateze amatwi hakinjiramo ibitekerezo bidafite ireme, bene ibyo bicirweho iteka cyane. Ukuri gukwiriye kwambikwa imvugo inoze kandi yiyubashye; kandi imfashanyigisho nazo zikwiriye kuba ziteye zityo.

1366 Review and Herald, Sept. 8, 1896.

1367 Testimonies, vol. 3, p. 473. (1875). [Ibihamya]

Iyaba umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza wabaga nk'uko byagombye kandi bikwiriye, abigisha b'ukuri kwa Kristo bagombye kuba bakorana n'abamarayika. Baba ari abakozi bakorana n'Umwigisha wabo mukuru. Mu bagabura bakorera Kristo harangwamo gusenga gake cyane, ahubwo hakagaragaramo kwihimbaza cyane. Ni abantu bake cyane baririra hagati y'umuryango w'urusengero n'uruhimbi, batakamba bagira bati: "Uwiteka we, kiza ubwoko bwawe, ntureka ab'umwandu wawe bashinyagurirwa." (Yoweli 2: 17). Hari ibibwirizwa bishingiye ku mahame byinshi birebire bibwirizwa, bitarangwamo n'umurase n'umwe w'ubwuzu mu by'umwuka kandi ntibinagaragaremo urukundo rw'Imana. Usanga ku ruhimbi hakorerwa ibimenyetso byinshi kandi hakavugirwa ibitekerezo bihimbano byo gusetsa, nyamara ugasanga kuvuga ku rukundo n'impuhwe bya Yesu Kristo ari guke cyane.

Ntabwo kubwiriza abantu gusa bihagije; tugomba gufatanya nabo gusenga ndetse tukanabasengera. Ntabwo dukwiriye kubitarura ngo twitandukanye na bo, twifashe imbokoboko, ahubwo mu mwuka w'impuhwe dukwiriye kwegera abantu dushaka gukiza, tukabasura kandi tukaganira na bo. Umugabura ukora umurimo we wo hanze y'uruhimbi uko bikwiriye azagera ku musaruro ukubye incuro cumi wa wundi ukorera umurimo we ku ruhimbi gusa.¹³⁶⁸

Irinde Gukora Ibimenyetso no Gushyenga: Uyu mwuka wo kubwiriza ukora ibimenyetso, ushyenga, kandi uvuga amagambo adafite ireme cyangwa amanjwe, ni igitsitaza ku banyabyaha kandi ukarushaho kuba igitsitaza ku bantu bumvira ibyo umutima utejeje urarikira. Kuba ababwiriza bamwe baremereye uwo muco gukura no gukomera kugeza ubwo gukora ibimenyetso byabaye ibintu byikora nko guhumeka, ntibigabanya ingaruka mbi biteza. Hagize umuntu ushobora kwerekana ijamba ry'amanjwe Umwami wacu yavuze, cyangwa inyifato idafite ireme yabonetse mu mico ye, ashobora kwiyumvamo ko amagambo y'amanjwe no gukora ibimenyetso ari ibyo kwihanganirwa kuri we. Umwuka nk'uyu si uwa Gikristo; kuko kuba Umukristo ni ukuba nka Kristo. Yesu ni we cyitegerereze kitagira amakemwa, bityo dukwiriye kwigana urugero yaduhaye. Umukristo ni we muntu uhanitse kuko ahagarariye Kristo.

Abantu bamwe batwawe no gukora ibimenyetso no kuvuga amagambo atagira ireme, no kuvuga amanjwe bashobora kugaragara ku ruhimbi rwera bafite icyubahiro. Igihe kimwe bashobora guhita bajyana abantu ku gutekereza ku ngingo zikomeye, maze bakabwira ababateze amatwi ukuri kw'ingenzi kandi gushungura imitima kwegeze kubwirwa abantu; ariko byashoboka ko abagabura bagenzi babo bamaze kwanduza iyo myitwarire kandi bamaze kugera ikirenge mu cyabo mu gukora ibimenyetso by'amanjwe badashobora guhindura imitekerereze yabo mu buryo bwihuse. Bumva batsindwa n'urubanza, intekerezo zabo zirajijwa; bityo bakumva

¹³⁶⁸ *Review and Herald*, Aug. 8, 1878. [Urwibutso n'Integuza].

badakwiriye kwinjira mu nsanganyamatsiko zivuga iby'ijuru, kandi ngo babe babwiriza abantu ibya Kristo wabambwe.

Umuco wo kuvuga amagambo y'urwenya n'amashyengo atuma abantu baseka igihe abantu bagombye guhana ibitekerezo ku bukenene buri mu murimo, haba ari nama cyangwa indi nama yerekeye umurimo, bene uwo mucu ntukomoka kuri Kristo. Ibitwenge nk'ibyo biza bitunguranye bica intege. Imana ntihabwa icyubahiro igihe ibintu byose tubihinduye urwamenyo umunsi umwe, maze mu munsu ukurikyeho tugacika intege ndetse tugasa n'abatagifite ibyiringiro, nta mucyo uturuka kuri Kristo dufite, kandi ugasanga twiteguye gushakisha amakosa ku bandi no guhwihwisa. Kristo ashimishwa no kubona ubwoko bwe bugaragaza umwuka w'ubumwe, imbaraga n'imico ihamye, ndetse n'igihe barangwa n'umwuka w'umunezero, ibyishimo n'ibyiringiro. . . .

Intekerezo niziba zerekejwe ku by'ijuru, n'ibiganiro ni wo muyoboro bizerekezwamo. icyo gihe umutima uzasabwa n'umunezero kubwo kubona ibyiringiro bya Gikristo, n'amasezerano atangaje y'igiciro cyinshi yandikiwe kugira ngo adukomeze; kandi n'ibyishimo tuzagira kubwo kubona imbabazi z'Imana n'ubugwaneza bwayo ntibizagira ikibikoma mu nkokora; kuko ari ibyishimo tudashobora kuvutswa n'umuntu uwo ari we wese.¹³⁶⁹

Abagabura b'Abadabagizi: Muri Konferanse yanyu hari umuntu umwe (sinzi uko yitwa), udakwiriye kuba akorera Konferense nk'umugabura kuko impinduka ateza mu mitima y'abashaka kumenya ukuri zikemangwa. Naramweretswe maze mbwirwa amagambo avuga ngo: "Umurimo w'Imana ntukeneye abagabura batahindutse, abagabura b'abadabagizi. Umutima w'uwo muntu ntuhuje rwose n'imiterere y'umurimo utarangwamo gukebakeba twiyemeje gukora." Ukuri tuvuga ko twizera ntigukeneye kuvugwa n'abantu b'abadabagizi. Umuntu umwe ufite umutima w'ubudabagizi n'ibitekerezo bidafite ireme azakora ibintu byinshi mu kwanduza amaterero uwo mwuka bizagora abantu icumi beza kugira ngo babe barandura uwo mwuka yayanduje....

Imbaraga ihindura y'Imana igomba kugera mu mitima y'abagabura b'ubutumwa bwiza, bitaba ibyo bagashaka undi muhamagararo. Abahagarariye Kristo nibaramuka basobanukiwe n'agaciro ko kubwiriza abantu ukuri, bazirinda muri byose, babe abantu batekereza neza, abantu bakorana n'Imana. Nibasobanukirwa neza inshingano Kristo yahaye abigishwa be, bazabumbura Ijambo ry'Imana baryubashye, maze bategere amatwi amabwiriza ava ku Uwiteka, basabe ubwenge buturuka mu Ijuru, kugira ngo nibahagarara hagati y'abazima n'abapfuye babashe gusobanukirwa ko bagomba kugira ibyo bamurikira Imana kubw'umurimo bakoresheje amaboko yabo.

Mbese umugabura (umupasitoro) yakora iki adafite Kristo? Mu by'ukuri ntacyo. Nuko rero niba ari umuntu w'umudabagizi, urangwa n'amashyengo

¹³⁶⁹ Review and Herald, June 10, 1884. [Urwiwutso n'Integuza].

n'urwenya, ntabwo aba yiteguye gukora inshingano Imana yamuhaye. Kristo aravuga ati: "Kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite." (Yohana 15: 5). Amagambo y'ubupfayongo ava mu kanwa k'umugabura nk'uwo, ibitekerezo n'imigani mihimbano byuzuyemo ubupfapfa, n'amagambo yo gusetsa abantu gusa, ibyo byose biciriweho iteka n'Ijambo ry'Imana kandi nta mwanya bigomba kugira ku ruhimbi rwera

Keretse gusa abagabura nibaba abantu bahindutse, naho ubundi amatorero azarwaragurika kandi abe ategereje kwipfira. Imbaraga y'Imana yonyine ni yo ishobora guhindura umutima w'umuntu no kuwuzuzamo urukundo rwa Kristo. Imbaraga y'Imana yonyine ni yo ishobora gukosora no kuganza ibyo umuntu yakundaga maze ikeza ibyo umutima we wishimira. Abantu bose bagabura [Ijambo ry'Imana] bagomba gucisha bugufi imitima yabo y'ubwibone, ubushake bwabo bakabwegurira mu bushake bw'Imana, kandi ubugingo bwabo bugahishanwa na Kristo mu Mana.

Mbese umugambi w'umurimo w'ibwirizabutumwa ni uwuhe? Mbese ni ukuvanga urwenya n'iby'idini? Mu ikinamico ni ho berekanira ibyo bintu. Kristo naremwa imbere mu bugingo, kandi ukuri n'imbaraga yako yeza kugacengera kukagera mu buturo bw'ubugingo, icyo gihe ntimuzagira abantu b'abadabagizi b'amanamashyengo, kandi ntimuzagira abantu bashaririye n'abanyamushiha ngo abe ari bo bigisha inyigisho za Kristo z'agaciro mu bantu bari mu nzira igana irimbukiro.¹³⁷⁰

Kugendana Ubushishozi: Kutagira icyo utinya kwabaye gikwira, gukora ibimenyetso by'ikinamico, kudaha ibintu agaciro, kuvuga amanjwe, amashyengo y'uburyo bwose n'urwenya, ibyo byose umuntu wikoreye umutwaro wa Kristo agomba kubona ako "bidakwiriye" – ndetse ko ari igitutsi ku Mana, bikaba no kwihakana Kristo. Bituma umuntu atagira intekerezo zihanye kandi ngo akore umurimo utajegajega. Bituma abantu baba imburamumaro, abantu bafata ibintu mu buryo bw'amajyejuru, ndetse bakaba barwaye mu by'umwuka. . . .

Nimutyo buri mugabura w'ubutumwa bwiza abe umuntu utuje. Uko azajya yiga iby'imibereho ya Kristo ni ko azarusho kumenya akamaro ko kugendana ubushishozi. Niyomatana na Zuba ryo gukiranuka, ni ukuri azishima kandi agire umunezero, avuge kandi aririmbire Uwitaka ibisingizo we wamuhamagaye, akamukura mu mwijima, akamugeza mu mucyo w'itangaza. Ibiganiro bye bizaba biboneye, bitarangwamo imvugo nyandagazi.¹³⁷¹

KWITA KU MURIMO

Ubwitange mu Murimo we: Kristo yahoraga ahugiye mu murimo yari yaje gukora. Ubwitange n'umwete yari afite mu murimo wo gukiza

¹³⁷⁰ Letter 15, 1890.

¹³⁷¹ Manuscript 8a, 1888.

inyokomuntu yari yazimiye byagaragaraga igihe cyose n'aho yabaga ari hose.¹³⁷²

Umurimo Umukozi akora abikuye ku mutima: Emera ko uyu ari umurimo w'Uwiteka, uwukorane ubushishozi no kwihangana. Uyu ni wo murimo nyakuri Databuja azemera. Kora uwo murimo usobanukiwe neza inshingano wahawe, kandi uzi ko abamarayika b'Imana muri kumwe ngo bashyire ikimenyetso cy'ijuru ku gukiranuka ugaragaje ku murimo, kandi bacireho iteka gukiranirwa uko ari ko kose.

Kwitabirana ubwuzu umurimo ukeneye gukorwa no kuwurunduriramo umutima wose, bituma uwo murimo unezeza kandi ugatanga umusaruro. Muri bwo buryo Imana ihabwa icyubahiro. ...

Uko uzajya ukora umurimo wawe ukiranutse, ni ko intekerezo zawe zizahuzwa n'iza Kristo. Kubwo gusenga no kwinginga, saba Imana iguhe imigisha yasezeranye. Yisabe kugira ngo iguhe gusobanukirwa nyakuri ibyerekeye umurimo ugomba gukorwa. Ntuzigere wemera guteshurwa cyangwa kuzitirwa n'imbaraga irwanya umurimo iyo ari yo yose. Kora uruhare rwawe ukiranutse maze uzanire imigisha bagenzi bawe. Himbariza Imana amahirwe yaguhaye yo gukorana na yo mu murimo wayo. Uko uziyegurirana umutima wawe wose mu murimo ugomba gukorwa, ni ko uzinjira mu bucuti nyakuri uzagirana n'abakozi bagenzi bawe. Uzajya ureba bene So, maze ubabonemo Kristo.

Inshingano zose umuntu atinjiranyemo umutima we wose ziramurushya. Igihe ni izahabu. Hari umurimo ugomba gukorwa kandi kugira ngo ukorwe tugomba kuwurunduriramo umutima wacu wose. Tugomba gukora inshingano Imana yadushyize imbere, tutayikorana ubukonje kandi tutayikora bya nikize, ahubwo tukayikora tubikunze. Umurimo ukora wuzanemo ubushobozi bwawe buhanitse n'ubwuzu bwawe nibwo uzabona ko Kristo na we awurimo. Kuba awurimo bizatuma umurimo ukorohera kandi umutima wawe uzasabwa n'ibyishimo. Uzakorana ibihuje n'ubushake bw'Imana, kandi ubikorane gukiranuka, urukundo no budahemuka.

Tugomba kuba abakristo b'abanyakuri kandi b'abanyamurava, tugakora inshingano twahawe dukiranutse, kandi tugahora duhanze amaso Yesu kuko ari we banze ryo kwizera kwacu kandi akaba ari na we ugusohozza. Ntabwo ingororano tuzahabwa ishingiye ku ntsinzi twagezeho ahubwo ni izashingira ku mwuka dukorana umurimo. ...

Ubushobozi bw'impagarike yacu yose bugomba gukoreshwa mu murimo utarangwamo kwikanyiza. Impano yose igomba gukoreshwa. Nimuharanire gukora neza mu gihe kizaza kurusha uko mwakoze mu gihe cyashize. Shyira impano zawe abazigenza ngo zunguke kuko Kristo asonzeye gukiza ubugingo.¹³⁷³

1372 Manuscript 132, 1902.

1373 Manuscript 20, 1905.

Ingufu n'Ubushishozi: Uwiteka ntashimishwa no kubona umurimo we ukorwa nabi cyangwa mu buryo bw'agaciro gake, cyangwa ngo batinde kuwurangiza nk'aho ari umurimo unaniza. Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa dukora umurimo buhoro buhoro dukora nk'abatabishaka. Gushishikara dukwiriye gushyira mu kintu cyose dukora kuzatuma umurimo wacu ushimisha kandi ugire icyo wigisha.¹³⁷⁴

Imbaraga Zidatezuka no Gushishikara: Iyo ahantu habuze imbaraga zidatezuka no gushishikara mu bintu byo muri ubu buzima no mubikorwa by'ubucuruzi bisanzwe, uzasanga bene izo ntege nke zigaragara no mu mibereho y'ibya Mwuka.¹³⁷⁵

Satani Abasumbya Umuvuduko: Hashingiwe ku byo mweretswe byerekeye uburyo murangwa no kugenda buhoro, muba hagati na hagati maze mukemerera amahirwe kubacaho mutayabyaje umusaruro, mbona mutakaza igihe, mugatakaza gushishikara, maze mugafata ibintu nk'aho byoroshye ku buryo ibyo bituma Satani abatambukaho kenshi. Umurimo muri gukorera hagati y'abantu bazimiriye kure y'Imana kandi bakeneye kwitabwaho hakoreshejwe umwete udatekera, ntabwo ari umurimo usanzwe wo kudebekerwa. ...

Niba nta bintu ushobora kwerekana mu byo wakoze muri iki gihe cyose umaze muri ibyo bibaya, ndatekera ko utari umuntu ukwiriye gukora umurimo aho hantu. ...

Mbese wigeze utegura ko ayo materaniro yazaba ashimishije uko bishoboka kose? Ndiringira ko uyu murimo uzakubera umutwaro utsikamira umutima wawe. Mbese waba warateganiye kuba mu ihema, ukaguma hariya hantu, cyangwa waba waratahaga mu rugo iwawe buri munsu maze ukirundanyirizaho imitwaro idafite icyo imaze mu murimo? Uyu murimo w'Imana ugamije kurwanya umwijima w'imico mbonera, usaba umuntu kwiyanga, kwiyuha akuya, gukorana umwete udacogora no kwizera gushikanye. Abantu benshi birarira bavuga ko iyo baza kugira amahirwe baba barakoze ibintu bikomeye, ariko ko hari ikintu cyagiye kibabuza. [Bavuga ko] Imana yazitiye inzira ntibabe bagishoboye gukora ibyo bifuzaga gukora. Ntidukwiriye kwitega ko tuzahurira n'amahirwe akomeye mu nzira, ahubwo kubw'igikorwa cyihutiye kandi gikoranywe ibakwe, tugomba gusingira amahirwe, tugashaka ahari amahirwe y'ibyo twakora kandi ingorane tukazitegeka.

Ukeneye imbaraga zibeshaho zivuye mu ijuru. Mu murimo wacu, ntidukwiriye gukubita icyuma kimaze gushyuka gusa ahubwo tugomba kugikubita kugira ngo gishyuke. Gukora buhoro buhoro n'ibintu byoroheje, gukorana ubute muri uyu murimo ntacyo bizatugezaho. Tugomba kugira umwete mu gihe gikwiriye no mu kidakwiriye kuko ibi ari ibihe bikomeye umurimo ugezemo. Igihe habayeho kujijinganya no gutinda, dutakaza amahirwe atagira ingano. ...

¹³⁷⁴ Letter 147a, 1897.

¹³⁷⁵ Testimonies, vol. 2, p. 498.

Ikintu kirekereje cyane mu nzira unyuramo ukora inshingano yawe ni uguhuzagurika, umugambi udahamye, no kudafata icyemezo. Ndasaba Imana ngo igufashe kwambara intwara ukomeje maze ukore umurimo wa Shobuja.¹³⁷⁶

Umwete -Gukiranuka - Kubaha Ubuyobozi: Ibyiza bibonerwa mu bwami bwa Kristo bidusaba gukorana umwete no gukiranuka ku rwego ruhanitse nk'uko iby'umwuka kandi bizahoraho iteka ari iby'agaciro karenze ak'ibintu byo ku isi by'igihe gito. Ntihakwiriye kubaho gukorana urutebwe, nta gukora buhoro buhoro kandi nta no gufata imyanzuro itinda, kuko bene iyo mikorere ishobora gushyira mu kaga ubugingo bwacu n'ubw'abandi. . . .

Ni nde mugaba w'ingabo uzemera kuyobora ingabo mu gihe abayoyi bato bari muni ye banga kumvira itegeko atanze ngo keretse nibamara kunyurwa n'uko itegeko rye ririmo ubushishozi? Bene iyo mikorere yatuma ingabo zose zitsindwa ku rugamba. Ibyo byaca intege abasirikare. Mu ntekerezo zabo havuka iki kibazo ngo: Mbese nta bundi buryo bwarushaho kuba bwiza? Ariko nubwo haba uburyo bwarushaho kuba bwiza, amategeko aba agomba kumvirwa, bitaba ibyo bagatsindwa, hagakurikiraho ingaruka mbi cyane. Habayeho gutinda akanya gato cyane, n'intambwe nziza yajyaga kugerwaho irabura.

Umusirikare mwiza wese arumva kandi yihutira kumvira itegeko n'umuyobozi we. Ubushake bw'umuyobozi bugomba kuba ubushake bw'umusirikare. Rimwe na rimwe umusirikare ashobora gutungurwa n'itekegeko ritanze, ariko ntabwo agomba guhagarara ngo asobanuze impamvu y'iryo tegeko. Niba itegeko ry'umuyobozi rinyuranyije n'ibyifuzo by'umusirikare, ntabwo agomba gushidikanya ngo abyinubire, avuga ngo nta bitunganye mbonye muri iyi migambi kandi nta kamaro kabyo. Ntabwo akwiriye gushaka urwitwazo ngo asige umurimo udakozwe. Bene abo basirikare ntibaba bakwiriye kwemererwa ngo bajye mu rugamba rw'intambara zo ku isi, kandi ibirenze ibyo ntibazigera bemerwa mu ngabo za Kristo. Igihe Kristo atanze itegeko, ingabo ze zigomba kuryumvira nta kujijnganya. Bagomba kuba abasirikare bakiranuka, bitabaye bityo, ntabwo yabemera mu ngabo ze. Buri muntu wese yahawe umudendezo wo gugitamo, ariko iyo umuntu amaze kwinjira [mu gisirikare], haza gukira cyangwa gupfa, asabwa kumvira adakebakeba.¹³⁷⁷

Hakenewe Abantu Bafite Ikinyabupfura kandi Bagendera Kuri Gahunda: Abantu bigisha Ijambo ry'Imana ntibakwiriye gukerensa kugira umurongo badatezukahore mu ntekerezo zabo. Kubwo gukoresha umwete udacogora, buri mukozi wese cyangwa itsinda ry'abakozi, bakwiriye gushyiraho amategeko n'amabwiriza azatuma bagira akamenyero gatunganye mu bitekerezo n'ibikorwa. Bene uko kwimenyereza ni ngombwa atari ku basore gusa ahubwo no ku bakozi bakuru kugira ngo umurimo

¹³⁷⁶ Letter 13, 1886.

¹³⁷⁷ Manuscript 7 ½, 1900.

wabo we kurangwamo amakosa, kandi ngo ibibwirizwa byabo bibe byumvikana, birimo ukuri, kandi bwemeza imitima.

Intekerezo z'abantu bamwe na bamwe zimeze nk'iduka rishaje ritera amatsiko. Bagiyeye batoragura uduce twinshi tw'ukuri maze batubika mu bwenge bwabo; ariko ntabwo bazi uko batugeza ku bandi mu buryo bwumvikana neza kandi ngo usange utwo duce duhujwe neza. Isano ibyo bitekerezo bifitanye ni yo ituma bigira agaciro. Buri gitekerezo n'amagambo avuzwe byagombye kuba bifite aho bihurira rwose nk'uko amasaro y'umunyururu aba ameze. Iyo umugabura (umupasitoro) abwirije ibintu byinshi icyarimwe ngo abantu babyivangurire ubwabo, babishyire ku murongo, icyo gihe ibyo yakoze byose biba bibaye impfabusa, kuko abantu bake gusa ari bo bazabikora.¹³⁷⁸

Gukorera kuri Gahunda Byihutisha Kugera ku Musaruro: Hari abasore n'inkumi bakora umurimo ariko badafite uburyo bakurikiza. Nubwo bahora bahugiranye, batanga umusaruro muke cyane. Bafite ibitekerezo biyobye ku byerekeye umurimo, kandi bagatekereza ko bakora cyane; ariko iyo baza kuba barakurikije uburyo runaka mu murimo wabo, kandi bagakorana ubwenge ibyo bagombaga gukora, baba barakoze ibintu byinshi mu gihe gito. Kubwo guta igihe ku bintu bidafite agaciro gakomeye, baza kwisanga bihutishwa, bahagaritse umutima kandi bamanjiriwe igihe bahamagariwe gukora inshingano z'ingenzi kandi zifite agaciro cyane. Igihe cyose baba bakora, kandi bagatekereza ko bakora cyane; nyamara ibyo berekana byavuye mu muhati wabo usanga ari bike cyane.¹³⁷⁹

Gukorera kuri Gahunda no Gukora Vuba Bicungura Igihe: Hakwiriye kubaho abantu bazatangira umurimo mu buryo bwiza, kandi bakawitaho ndetse bakawukora ukajya mbere badatezuka. Buri gikorwa cyose gikwiriye gukorwa neza hakurikijwe igenamikorere ryateguranywe ubunararibonye kandi kigakorwa muri gahunda. Imana yaragije abantu umurimo wayo wera, kandi irabasaba kuwukorana ubwitonzi. Gukora ibintu byose ku gihe ni ingenzi. Ntukigere ukererwa igihe ugomba kubonana n'umuntu. Mu cyiciro cyose cyangwa mu biro byose nta gihe kigomba gupfa abakozi baganira ku bitari ngombwa. Umurimo w'Imana urasaba ibintu nyamara ntubihabwe bitewe n'uko abantu batemera kwigishwa n'Imana yo nyir'ubwenge. Bakomatanya ibintu byinshi mu buzima bwabo, maze ibyo bagombaga kwitaho uyu muni bakabisukira ejo; nuko igihe kinini kigatakarira mu kurushwa no gutoragura ibyatakaye. ...

Abakozi bamwe bakeneye kuzibukira rwose uburyo bw'imikorere bugenda buhoro usanga buganje cyane, maze bakiga gukora vuba vuba. Gukora vuba vuba ni ingenzi nko kugira umuhati. Niba dushaka kurangiza umurimo dukurikije ubushake bw'Imana, ugomba gukoranwa ubwira, ariko tugakora tuwushyizeho umutima kandi tuwitondeye.¹³⁸⁰

¹³⁷⁸ *Review and Herald*, April 6, 1886. [Urwibutso n'Integuza].

¹³⁷⁹ *The Youth's Instructor*, Aug. 31, 1893

¹³⁸⁰ *Manuscript* 24, 1887.

Guha Umurongo Umurimo Dukora Buri Gihe: Abantu batafashe akamenyero ko gukorana ubwira no gukoresha igihe neza, bakwiriye kugira amategeko yashyizweho yo kubahwitura gukora ibintu ku gihe no gusaranganya uko biri bukorwe. George Washington¹³⁸¹ yashoboye gukora imirimo myinshi cyane bitewe n'uko yigengeseraga mu gukurikiza gahunda no gukorera ikintu cyose ku gihe. Buri rupapuro rwabaga rufite italiki yarwo n'aho rubikwa hihariye, bityo nta gihe cyatakariraga mu gushaka icyaba cyashyizwe mu mwanya utari uwacyo.¹³⁸²

Gukoresha Ingamba Wifatiye: Igihe umukozi ashyizwe mu murimo runaka mu ruzabibu rw'Uwiteka, aba ahawe iyo shingano ngo abe umukozi ukiranuka ukorana n'Imana mu kwita kuri urwo ruzabibu. Ntakwiriye igihe cyose guhora ategereje icyo abantu bamubwira agomba gukora, ahubwo akwiriye gukora gahunda y'umurimo agomba gukora aho akenewe hose. Imana yaguhaye ubushobozi bw'ubwonko ngo ubukoreshe. Ibyo abizera bifuza n'ibyo abatizera bakeneye bigomba gusuzumanwa ubwitonzi, kandi imihati yawe igomba kuba igisubizo kuri ibyo bakeneye. Imana yonyine ni yo ukwiriye kubaza icyo ukwiriye gukora aho kukibaza umuntu uwo ari we wese. Uri umugaragu w'Imana ihoraho, ntabwo uri umugaragu w'umuntu uwo ari we wese. Ntushobora gukora umurimo w'Imana neza kandi ngo ushobore gukurikiza ibitekerezo by'umuntu n'amabwiriza ye. Uri umukozi ugengwa n'Imana.¹³⁸³

Gukora Vuba Vuba Bivanaho Urujijo: Usanga mu bakozi haburamo umwuka wo gukora ibintu mu buryo butunganye, ubasangana urujijo, ntibumvikana kandi barazarira. Ntabwo bakora ibintu ku gihe. Umusaruro uvamo ni uko havuka ibibazo bibagoye n'ingorane, bityo kubitsinda bigakomera cyane bitewe no kutagira ubumwe mu mikorere. Niba uko ibintu bimeze kudashakiwe umuti, mu gihe kizaza bizakomeza kubaho ndetse birushaho kuba bibi kuruta uko byari biri mu gihe cyashize, kubera ko umurimo uzakura, kandi gushaka gusobanukirwa ibintu neza kuzaba gukomeye cyane. Ingeso mbi yo gukerensa umurimo udasanze ukeneye gukorwa mu gihe runaka ituma habaho kwikuba gatatu kw'ingorane zo kuzawukora mu buryo butunganye nta kintu na kimwe gisigaye cyirengagijwe cyangwa kitarangiye.¹³⁸⁴

Kubyuka ku Gihe Kidahinduka: Abasore bamwe bacisha ukubiri cyane na gahunda no kurangwa n'ikinyabupfura. Ntibubahiriza amategeko y'umuryango bavukamo ngo bajye bagira isaha yo kubyuka idahinduka. Bararyamira amanywa agakamba, igihe abandi baba bahugiranye mu mirimo. Barara bacanye amatara, bagakoresha urumuri [rugurwa] abantu bakoze kugira ngobarukoreshe mu gihe hari urumuri rwo mu byaremwe rwagenewe gukoreshwa mu ijoro. Iyo bagenza batyo, ntabwo baba bapfusha

1381 George Washington ni we wabaye Perezida wa mbere wa Amerika. Yategetse guhera 1789 kugeza 1797.

1382 *Gospel Workers*, p. 277, 278. (1880)

1383 *Letter* 8, 1895.

1384 *Manuscript* 24, 1887.

ubusa ibihe by'ingenzi gusa, ahubwo baba bakoresha n'amafaranga atari yarateganijwe. Ariko hafi y'ibihe byose usanga bafite urwitwazo bagira bati: "Sinshobora kurangiza umurimo; hari icyo mfite ngomba gukora; sinshobora kuryama hakiri kare." Nuko ugasanga bagona mu gihe bagombye kuba bakangutse mu museso, igihe inyoni ziririmba. Imico y'agaciro kenshi yo gukurikiza gahunda irangizwa; bityo igihe bipfushwa ubusa mu bunebwe bwo mu masaha yakare mu gitondo bigatuma ibintu bitagenda neza uwo munsu wose.

Imana yacu ni Imana y'inyagahunda, kandi ishaka ko abana bayo bakwihatira kugendera kuri gahunda, kandi bakayigandukira. None se ntibyaba byiza ducitse kuri iyi ngeso mbi yo guhindura ijoro amanywa, n'amasaha afutse ya mugitondo mo amasaha ya nijoro?¹³⁸⁵

Ibyiza Biva mu Gukoresha Igihe Neza: Kugenera ibintu igihe bigomba gukorerwamo bibasha gukora ibikomeye mu kwamamaza ukuri. Akenshi hari intsinzi tutageraho bitewe no gutinda. Mu murimo w'Imana hazabamo ingorane. Imyanzuro yihuse kandi idakebakeba ifatiwe igihe gikwiriye izagera ku ntsinzi zikomeye, mu gihe gutinza ibintu no kubikerensa bizavamo gutsindwa gukomeye no gusuzuguza Imana.¹³⁸⁶

Agaciro ko Gukoresha Igitabo Cyandikwamo Gahunda z'Ibigomba Gukorwa: Iyaba urubyiruko rwafataga akamenyero ko gukorera ku gihe no kuri gahunda, byatuma barushaho kugira ubuzima bwiza, intekerezo nziza, ubwonko bwabo n'ubushobozi bwo gufata ibintu no kubyibuka bikarushaho gukora neza, kandi imico yabo yarushaho gutungana.

Mu byo abantu bagira akamenyero mu buzima, buri muntu afite inshingano yo gukurikiza amategeko adakebakeba. Ncuti rubyiruko, gukurikiza ayo mategeko ni bimwe bifitiye akamaro, haba ku mibiri yanyu no ku mico mbonera. Igihe mubyutse mu gitondo, mujye mukora uko mushoboye kose maze mutekereze neza ku murimo mugomba gukora uwo munsu mukawurangiza. Bibaye ngombwa mwateganya igitabo cyangwa ikayi mwajya wandikamo ibintu muteganya gukora, kandi mukigenera igihe mugomba gukoreramo umurimo wanyu.¹³⁸⁷

Umurimo Ntugomba Gukorwa mu Masaha Runaka Atagomba Kurenga: Gahunda yo gukora amasaha munani ku munsu nta mwanya ifite muri gahunda y'umugabura w'iby'Imana. Agomba guhora yiteguye gukora umurimo isaha iyo ari yo yose.¹³⁸⁸

Umurimo Umukiza Yakoraga ku Mugoroba: Yirizaga umunsu wose abwiriza abantu bazaga aho ari; maze ku mugoroba akita ku bantu babaga biriwe mu mirimo ivunanye, bakorera icyabeshaho imiryango yabo.¹³⁸⁹

1385 *The Youth's Instructor*, Jan. 28, 1897.
 1386 *Testimonies*, vol. 3, p. 498. (1875)
 1387 *The Youth's Instructor*, Jan. 28, 1897.
 1388 *Gospel Workers*, p. 451. (1915)
 1389 *Ministry of Healing*, p. 18. (1905)

Umurimo Ukoranywe Umwete Ufasha mu Gusubiza Isengesho: Nubwo tugomba gusenga dusaba Imana kuduha umugisha, amasengesho yacu tugomba kuyaherekeresha gukora tudakebakeba, dukora neza kandi dukorana umurava.¹³⁹⁰

Ntidukwiriye Kwishingikiriza ku Bitangaza: Muri rusange Imana ntikora ibitangaza kugira ngo umurimo wo kwamaza ukuri kwayo ukunde ujye mbere. Niba umuhinzi yirengagije kubagarira imyaka ye nyuma yo kubiba imbuto, Imana nta gitangaza ikora ngo iburizemo ingaruka z'uko kwirengagiza. Mu gihe cy'isarura, azasanga umurima wararumbye. Imana ikora ikurikije amahame akomeye yahaye umuryango w'inyokomuntu, bityo uruhare rwacu ni ugutegura ingamba nziza no gukoresha amikoro Imana izaheraho igatuma haboneka umusaruro runaka.

Abantu badakorana umwete, ahubo bagategereza gusa ko Umwuka Wera azabahatira gukora, bazarimbukira mu mwijima. Turashaka kubaza abantu bategereje igitangaza tuti: "Ni ayahe mikoro mwagerageje gukoresha muyakuye mu byo Imana yabahaye?" Abantu biringiye kubona umurimo udasanze w'indengakamere ukorwa, babwira abantu bati: "Izere gusa, izere gusa," twababaza tuti, "Mbese mwaba mwariyemeje kumvira ijambo ry'Imana ryahishuwe? Imana yaravuze iti: "Uzakore iki" kandi iti: "Ntuzakore iki..."

Nimutyo abantu bose bige iby'umugani w'italanto, nibwo bazasobanukirwa ko umuntu wese Imana yamuhaye italanto ze, kugira ngo kubwo gukoresha ubushobozi afite azabashe kuba ingirakamaro. Ntimukwiriye kwiycarira mutuje, kandi mutagira icyo mukora mu murimo w'Imana.¹³⁹¹

Reka Kuba Umunebwe: Gira icyo ukorera abantu bafite imibereho irangwa n'ubunenganenzi bakora gusa kimwe cya kabiri cy'umurimo bagombye gukorera Shebuja. Shishikarira kubakangurira kwita ku nshingano bahawe. Nimusabirane kandi buri muntu ahugure mugenzi we, ndetse mubikore cyane uko mubona urya munsu urushaho kutwegera. Umuvandimwe akwiriye kubwira umuvandimwe we ati: "Ngwino mugenzi wanjye kandi mukozi dusangiye umurimo, reka dushyire umwete wose mu murimo wacu; kuko bugiye kwira, aho muntu atakibasha gukora." Nta muntu ukwiriye gupfusha igihe cye ubusa aganira n'abantu aho kuwumara akora umurimo.

Nimureke umuntu uvuga amagambo menshi yibuke ko hari ibihe aba nta burenganzira afite bwo kugira icyo avuga. Hariho abantu bafata igihe cyabo bakakimara bihagarariye ntacyo bakora. Nimutyo ijwi ry'umurinzi ukiranuka ryumvikane avuga ati: "Nta munyabute ukwiriye kuba mu murimo w'Imana; ahubwo hakenewe kumaramaza mu mutima; tugakorera Uwiteka." Mbese ufite umurimo ukorera Shobuja? Mbese waba ari ukubaka

1390 Manuscript 25, 1895.

1391 Review and Herald, Sept, 28, 1897.

inzu izakorerwamo umurimo wayo? Funga umunwa wawe. Ntugatume abandi bagira ubunebwe ubashukisha kugutega amatwi bumva amagambo yawe. Hari abantu benshi bata igihe cyabo iyo umuntu akoresha ururimi rwe aho gukoresha ibikoresho afite.¹³⁹²

Abagabura b'Ubutumwa Bwiza Ntibakwiriye Kwinjira mu Bindi Bikorwa: Ndifuza kubwira mwene Data----- na -----
- ko umurimo wabo wiganje cyane mu bo tudasangiye kwizera. Abantu bavuga kandi berekana ukuri kwa Bibiliya mu buryo butanga umusaruro, bagomba guhagarara imbere y'abantu batarigera bumva ubutumwa bwagenewe iki gihe. Abo bene Data mbabwiye bafite umurimo bagomba gukora mu materaniro makuru agomba kubera mu mijyi minini. Nyamara bari mu kaga ko kwiymbura ibyangombwa bibabashisha gukora umurimo Imana yabahaye. Umukuyobozi----- azatakaza imico ye nta kabuza, keretse gusa nareka kwita ku murimo Imana itamusaba gukora, umurimo umusaba kwita kuri byinshi cyane birebana n'ubucuruzi. Kubwo kwinjira mu murimo ikorwa n'abantu basanzwe, ntabwo yaba akora umurimo Imana yamuhaye. Kwamamaza ubutumwa bwiza, ni byo bizamubera umucyo n'ubugingo.¹³⁹³

Guhanga Amaso Ubwiza bw'Imana: Umurimo Satani akora ubudasiba ni uwo gukoma mu nkokora umurimo w'Imana, no gukora uko ashoboye ngo arimbure inyonkomuntu. Incuro nyinshi iyo mu karere runaka hagaragaye kwita ku butumwa ku rwego ruhanitse, Satani atuma umukozi ushinze uwo murimo abona mu ntekerezo ze ko iwabo cyangwa iwe mu rugo hari ibintu bito ariko bifite akamaro gakomeye, ndetse bisaba ko ajyayo akahibera. Kubwo kudahanga ijisho rye k'ubwiza bw'Imana, wa mukozi asiga umurimo utarangiye, maze akihutira kujya imuhira. Uwo mukozi ashobora kuguma iwabo iminsi ndetse n'ibyumweru runaka, maze wa murimo yari asanzwe akora ugasibangana. Uagenda uhanagurika buhoro buhoro, ubutazongera gusubukurwa. Ibyo bishimisha umwanzi. Iyo umwanzi abonye ageze ku ntego ye mu gutuma ibintu bizamara igihe gito bifata umwanya w'isumbwe mu ntekerezo z'uuyu muntu, amuhereza ibiganza bye byuzuye amakuba. Ubwo Satani aherako agatangira guteza ingorane mu muryango w'uwo mukozi kugira ngo afatire intekerezo ze mu mutego, kandi byashoboka akamutandukanya n'umurimo....

Ndakwinginze, igihe imitima y'abantu iri gufata icyemezo cyo gukurikira ukuri cyangwa kukwanga, ntukigere wemera kuva ahanu ukorera ngo usige umurimo wawe. Ntugasige umurimo wawe mu maboko y'umwanzi, ndetse navuga nti: "n'iyu hagira umuntu upfa mu muryango wawe, ntukigere uta umurimo wawe." Kristo yaravuze ati: "Nkurikira, kandi ureke abapfu bahambe abapfu babo." (Matayo 8:22). Iyaba mwashoboraga kubona agaciro k'uuyu murimo nk'uko nakeretswe, kuremara kwamaze gufata

¹³⁹² Manuscript 42, 1901.

¹³⁹³ Manuscript 105, 1902.

abantu bahita bakuzibukira, bityo hakabaho kuzuka mu bapfuye no kuba muzima muri Kristo Yesu....

Niduhagarara mu byimbo byacu dushikamye nk'abakozi b'Imana, maze tukavuga tuti: "Uwiteka yaduhaye ubutumwa, kandi ntidushobora kuba abarinzi bakiranuka keretse gusa tugumye mu birindiro byacu; tuzawukora no mu ngorane izo ari zo zose." Ni bwo tuzabona yuko abamarayika b'Imana bazita ku byo mu ngo zacu, kandi ni bwo tuzabwira umwanzi tuti: "Tuve inyuma."¹³⁹⁴

KWIBANDA KU MURIMO W'INGENZI

Ubugingo Buzimira Bitewe no Gutatanya Imbaraga: Abagabura bamwe bihaye umurimo wo kwandika kandi cyari igihe abantu bafite ubwuzu cyane bwo kwita ku by'iyobokamana, kandi byagiye bigaragara kenshi ko ibyo bandika bidafitanye isano yihariye n'umurimo barimo. Iryo ni ikosa riteye agahinda; kuko mu gihe nk'icyo, inshingano y'umugabura ni iyo gukoresha imbaraga ze zose mu guteza imbere umurimo w'Imana. Intekerezo ze zikwiriye kuba ziboneye, kandi zerekejwe ku ntogo imwe yo gukiza imitima. Ibitekerezo bye biramutse bihugiye mu bindi bintu, byatuma abantu benshi barimbuka kandi bari gukizwa iyo baramuka bahawe inyigisho ku gihe.¹³⁹⁵

Igihombo Giterwa no Gutatanya Imbaraga: Ikosa wakoze ni iri: Ubwo wari ugutangira amavuna, wahise utangira no kwandika ibintu byinshi. None rero niba umugabane umwe w'umurimo wawe ari ukwandika, niba Imana ari ko yakubwiye nk'uko yabwiye Yohana iti: "Andika ibi bintu," nawe irundurire mu kwandika bityo we kugira ibindi ukora. Niba ugomba kubwiriza, intekerezo zawe ntizifite imbaraga zihagiye zo kwihanganira kuvuga cyane, gusura abantu no kwandika nubwo byagaragara ko ufite umwete. Igihe winjiye mu murimo wo kwigisha abantu ukuri gushya kandi gutangaje, ukuri abantu bakira bakaba bakiriye ubutumwa bw'umusaraba, uba ukwiriye kureka intekerezo zawe zikaruhuka cyane. Ukeneye gutoranya icyo wigisha mu bushishozi bwinshi, kandi ibibwirizwa byawe bikaba bigufi, ndetse ingingo z'ingenzi zigize amahame twizera zikumvikana neza

Kugira ngo uyu murimo ushobore kugera ku ntogo, ugomba kujya ukora umurimo umwe gusa mu mwanya umwe, bityo imbaraga zawe ukazirundurira muri uwo murimo umwe wonyine. Imitekerereze yawe kuri ibi ntabwo itunganye. Igihe utangiye kwigisha abantu uruhererekane rw'ibibwirizwa, ibyo bibwirizwa ba ari byo ugira umurimo w'ingenzi. Ntugatangire kwandika inzandiko n'ingingo z'ubutumwa bunyuzwa mu binyamakuru, kuko nubigenza utyo uzaba utatanyije imbaraga zawe. Umuyobozi ----- na ----- bakoraga batyo ariko ubu barakosowe barabireka. Uwiteka yanyeretse ko umurimo w'ingenzi wo

1394 *Historical Sketches*, pp. 127,128. (1888).

1395 *Testimonies*, Vol. 4, .265. (1876)

kwigisha abantu ukuri wari warangirikiye mu biganza byabo; kuko nta na kimwe cya kabiri cy'imbaraga zabo cyakoreshwaga mu murimo wabo bitewe no gukoresha igihe cyinshi bandika amabaruwa. Gusura abantu ni umugabane w'ingenzi w'umurimo w'ibwirizabutumwa; ariko igihe hafi ya cyose cyabo bene Data bakimaraga bandika ubudacogora, ibyo kandi byarabananizaga cyane, bikabatwara igihe kandi ntibyafashije mu murimo wagombaga gukorwa ahubwo byarawubangamiye. Abantu bambuwe umwanya wo gusobanurirwa Ibyanditswe mu buryo bwumvikana kandi bwemeza imitima, ndetse habayeho no kwirengagiza n'umugabane wo kwitanga uranga uyu murimo....

Dore impamvu yabiteye: Iyo babaga batari ku ruhimbi babwiriza, igihe cyabo kinini bagikoreshaga mu kwandika, bakisegura batanga urwitwazo ko badashobora gusura bitewe n'uko bari bafite akazi kenshi kandi bananiwe cyane. Ingaruka yavagamo ni uko igihe bazaga ku ruhimbi bagiye kwigisha, ubwonko bwabaga bunaniwe; ntibabaga biteguye gukora umurimo Imana yashoboraga gushyiraho ikimenyetso cyayo ko iwemeye. Nta kintu na kimwe cyumvikana bakoraga cyangwa bavugaga. Nyamara burigihe bakoraga uko bashoboye kose bakagaragaza gutwarwa gukomeye, bibwiraga ko ibibwirizwa byabo bifite imbaraga. Bafataga ibintu bakuye hirya no hino, bakazana ingingo nyinshi batekereza zishobora kwemeza abantu kandi ko zirimo ibihamya bitangaje, nyamara ukuri bakurundagaho ibintu byinshi basukiranyaga ku babaga babateze amatwi ku buryo abantu batashoboraga na mba kubona ingingo nyazo zibirimo. Ikintu cyose bigishaga wasangaga kirimu urujijo kandi kitari ku murongo. Wasangaga insanganyamatsiko nyinshi bazikubiye mu kibwirizwa kimwe ku buryo nta ngingo yasigaraga yasobanutse kandi ngo yumvikane mu bwenge bw'ababaga batamenyereye ukuri Iyaba insanganyamatsiko imwe n'ingingo ziyigize yarasobanuwe neza mu buryo bwumvikana, yari kugira agaciro ku bateze amatwi kuruta kubarundaho inyigisho nyinshi icyarimwe ushobora kwita ibihamya, kandi ugatekereza ko ingingo wigishije yabishimangiye.¹³⁹⁶

UBUZIMA N'AMAHAME YABWO

Ababwirizabutumwa Bahura n'Ikigeragezo cyo Kutita ku Buzima Bwabo: Satani ari ku murimo we wo kurimbura. Ashaka kuyobora intekerezo z'abakunda Imana kandi bakaba babwiriza ubutumwa bwiza ngo be kwita ku buzima bwabo, kuko azi neza ko kwita ku buzima bifite aho bihuriye cyane n'urugero rusange rukwiriye rw'imico myiza. Abagabura batanga igihe cyinshi cyane babwiriza, maze bakamara imbaraga zose z'ubuzima bwabo. . . . Ibibwirizwa byinshi kandi birebire cyane ni byo bibananiza. Iyaba babwirizaga kimwe cya kabiri cy'ibyokurya by'ubutumwa bwiza bafite, ibyo ni byo byagira umumaro cyane kurushaho.¹³⁹⁷

Guhindanya Umurimo w'Ibwirizabutumwa: Amateraniro uyobora ku Cyumweru nijoro akubera umutwaro uremereye kubera ko atuma

¹³⁹⁶ Letter 47, 1886
¹³⁹⁷ Letter 91, 1898.

uhagarika umutima cyane ntube utekanye. Bityo ibyo bigakurikirwa n'ingaruka, maze umusaruro uvamo ukaba uw'uko imikoranire yawe n'itorero itigera izana amahoro no gukiranuka. ...

Imbaraga nyinshi bitangaje ukoresha witegura amateraniro uyobora ntizisohozwa umurimo wari ukenewe cyane. Ushobora gusingizwa no kogezwa n'abantu, ariko icyo si cyo cyerekana ko umurimo ukora uteza impinduka zitunganye.

Kubw'ibyo rero Uwiteka yaravuze ati: "Ugomba kwirinda kwinaniza wibuza amahwemo igihe witegura kubwiriza abantu."¹³⁹⁸

Kwirinda Indwara mu Murimo w'Imana: Abagaragu ba Kristo ntibakwiriye gufata nabi ubuzima bwabo. Nimutyo ntihakagire ukora kugeza ubwo imbaraga zimushizemo ngo bibe byamuviramo kutazashobora gukora umurimo wo mu gihe kizaza. Ntukagerageze gukora umurimo wagenewe iminsi ibiri ngo uwukore mu munsu umwe. Ku iherezo, uzabona ko abakoze imirimo yabo bitonze kandi mu bwenge bazasangwa barakoze imirimo ihwanye n'iy'abakoresheje imbaraga zabo z'umubiri n'ubwenge kugeza ubwo nta mbaraga bizigamiye bazakoresha igihe zizaba zikenewe.¹³⁹⁹

Kora Umurimo nk'Umuntu Ujijutse: Buri mukozi akwiriye gukora nk'umuntu ujijutse, amaso ye ayahanze ku bwiza bw'Imana. Akwiriye kwitonda mu buryo bwihariye ntiyangize ubushobozi ubwo ari bwo bwose Imana yabahaye.

Muvandimwe, Imana ishaka ko uvugurura imikorere yawe kugira ngo ugire intekerezo ziri ku murongo, imico iboneye ndetse n'imbaraga z'iby'umwuka zikubashisha gutanga inama mu buryo bw'ubwenge. Abantu bafite ubunararibonye mu kumenya ukuri ni bake cyane ku buryo utabitangira ngo ubishobore. Iteka usa n'uhora ukoresha imbaraga zawe z'umubiri n'iz'ubwenge mu buryo burenze urugero bitewe n'uko wemera kwiyumvamo ko ufite imbaraga nyinshi cyane. Ufite ibitekerezo bikangutse, kandi ushyira ingufu nyinshi mu bibwizwa byawe. Ibyo bituma intekerezo zawe zihora ziremerewe, wavuga ugahanika ijwi cyane, kandi ibyo ntibikunanza gusa ahubwo bitera n'abantu baguteze amatwi kumva batamerewe neza kandi ubwuzu bari bafite bukagabanuka. Kwivumbura k'umubiri ntikubura gukurikiraho; kubera ko utazi kugenda ugabanya gake gake izo mbaraga nk'izo uba ukoresha, umubiri w'umunyanteye nke uratentebuka. Gutera k'umutima ku rwego rurenze gukurikirwa no kumva uciye intege ukigunga.

Ntabwo wari ukwiriye kwemera ko imirimo ukora iba iruhanyije bitari ngombwa. Wikwinaniza cyane wandika ndetse n'igihe uvuga. Ntabwo ibyo ari byo Imana igusaba. Ubahiriza amategeko agenga ubuzima udakebakeba, bityo uzaba ufite ubuyanja bukubashisha gukora umurimo wa Shobuja. Uzaba ufite manu nshya yo kugaburira intama zo mu rwuri rwa Kristo.¹⁴⁰⁰

1398 Letter 51, 1902.

1399 Gospel Workers, p. 244. (1915)

1400 Letter 39, 1887.

Ubahiriza Ibihe Bikenewe by'Ikiruhuko: Bamwe mu bagabura bacu bumva ko buri munsu bagomba kugira umurimo bakora bashobora gutangaho raporo kuri Konferanse cyangwa Filidi. Ingaruka iba mu kugerageza gukora batyo iba iy'uko akenshi imihati yabo igira intege nke cyane kandi ibyo bashakaga kugeraho ntibabe bakibishoboye. Bakwiriye kujya bagira ibihe by'ikiruhuko, bakaba batandukanye rwose n'imirimo ibananiza. Ariko ibyo bihe by'ikiruhuko ntibikwiriye gusimbura imyitozo ngororamubiri ya buri munsu.¹⁴⁰¹

Kwitegura Inshingano zo mu Gihe Kizaza: Igihe umukozi yari afite imirimo myinshi asabwa gukora vuba imihagaritse umutima, kandi akaba ananiwe umubiri n'intekerezo, aba akwiriye kuba aretse iyo mirimo, agafata akanya akaruhuka, atagamije kwishimisha, ahubwo ari ukugira ngo abashe kwitegura kurutaho gukora inshingano zindi zimutegereje. Dufite umwanzi udahunikira, uhora atwoga runono yiteguye kuririra ku ntege nke zose runaka atubonanye zishobora kumufasha ngo ibigerageze bye bigere ku ntego ashaka. Igihe ubwenge bwananiye cyane n'umubiri ukaba wamaze gucika intege, Satani yibasira ubugingo bw'umuntu yifashishije ibigerageze bikaze. Nimutyo umukozi akoreshanye ubwitonzi imbaraga ze, kandi igihe ananiye no gukora ajye ajya ku ruhande yiherere asabane na Yesu.¹⁴⁰²

Irinde Umunaniro Uterwa no Gukora Birenze Urugero: Njya numva iby'ubuzima bw'abakozi bugenda bujya mu kaga bitewe no kwangizwa n'imitwari bikoreye. Ibyo ntibyari bikwiriye kubaho. Imana ishaka ko duhora twibuka ko turi abantu bapfa. Mu murimo wacu ntidukwiriye kwirundanyaho imirimo myinshi. Ntidukwiriye gukomeza kwiyangiza dutyo ku buryo imbaraga zacu z'umubiri n'iz'ubwenge zatentebuka zigashira. Hakenewe abandi bakozi ku buryo imwe mu mitwari ishobora gukurwa ku baremerewe cyane muri iki gihe.¹⁴⁰³

Igihe cyo Kuruhuka, Imyitozo Ngororamubiri n'Inshingano zo mu Murungu: Mu gihe cyo kwidagadurira, niba umupasitoro agize umurimo ahugiramo mu busitani cyangwa akarima ke, mbese icyo gihe yakoresheje azagikura mu mushahara we yekugihemberwa? Oya rwose, ntabwo ibyo birenze igihe aba akwiriye gukoresha iyo ahamagariye gukora amasaha y'ikirenga mu murimo w'ubugabura. Abapasitoro bamwe bamara amasaha menshi baruhuka, kandi ni ngombwa ngo baruhuke igihe cyose babishoboye; kuko umubiri utashobora kwihanganira gukomeza kwikorera umutwari uremareye aho usanga nta gahe ko kuruhuka. Mu munsu habaho amasaha aba asaba gukora cyane kandi umugabura ntayaherewe umushahara w'inyongera. Kandi niba umugabura ahisemo kumara amasaha menshi ku munsu yasa inkwi, cyangwa akaba ari gukora mu busitani bwe, kuri we gukora iyo mirimo binyanya amahirwe no kubwiriza. Ntabwo umupasitoro ashobora guhora abwiriza cyangwa asura abantu, kuko ibyo byaba ari umurimo unaniza.

¹⁴⁰¹ *Gospel Workers*, p. 240. (1915)

¹⁴⁰² *Gospel Workers*, p. 245, (1915)

¹⁴⁰³ *Review and Herald*, April 28, 1904.

Umucyo nahawe ni uyu ngo; iyaba abagabura bacu bakoraga imirimo myinshi y'amaboko, basarura imigisha ijyana no kugira amagara mazima. Nyuma y'umurimo wa buri muni wo kubwiriza, gusura abantu no kwiga Ibyanditswe, umupasitoro aba akwiriye kugira igihe cyo kugira ibyo akora akeneye ubwe. Niba afite umushahara muto, ashobora gushishikarira kugira icyo yongera ku dufaranga yinjiza. Abafite ibitekerezo bigufi bashobora kunenga ibi, ariko Uwiteka ashima bene iyo mikorere.

Neretswe ko incuro nyinshi abantu bari mu murimo baba basabwa gukora amanywa n'ijoro kandi bagatungwa n'agashahara gato. Iyo ibihe bigoye bije, usanga imyakura yose n'imikaya yose y'umubiri yananijwe n'imirimo ivunanye. Iyaba abo bantu barekaga imirimo igihe runaka maze bakaruhuka gato, bagakora imirimo y'amaboko cyangwa undi murimo ukoresha umubiri wose, ibyo byabaruhura bikomeye. Ubwo buryo buba bwarakijije abantu benshi ubu bamaze kugera ahacecekerwa. Gukora umurimo w'amaboko ku muni ni ikintu cyiza kandi gikenewe kugira ngo tugire amagara mazima mu by'umubiri n'intekerezo zisobanutse. Iyo bigenze bityo, amaraso ava mu bwonko, agakwira mu bindi bice by'umubiri.¹⁴⁰⁴

Gukomeza Kunoza Imikorere: Abapasitoro bacu bamaze kugira imyaka 40 cyangwa 50 ntibakwiriye kwiyumvisha ko umurimo bakora uba ukoranywe ubuhanga buke ugereranyije n'uko bari basanzwe bakora bakiri bato. Abantu bakuze kandi bafite ubunararibonye ni bo bakwiriye gukorana umwete mwinshi kandi bafite icyerekezo cyiza baganamo. By'umwihariko ni bo bakenewe muri iki gihe; amatorero ntashobora kubarekura. Bene abo bapasitoro ntibakwiriye kuvuga iby'intege nke z'umubiri n'iz'ubwenge bafite. Ntibakwiriye no kumva ko igihe cyabo cyo kuba ingirakamaro cyarangiyeye.

Benshi muri bo baba barahuye n'ikibazo cy'umunaniro mwinshi mu ntekerezo, batarigeze basubizwamo ubuyanja n'imyitoto ngororamubiri. Ingaruka ibaho ni iyo gusigingira kw'imbaraga zabo ndetse no gushaka guhunga inshingano bahabwa. Icyo bakeneye ni uguhabwa indi mirimo bakora. Ibi ntibiri gusa ku bantu bakuze bameze imvi bitewe n'imyaka y'ubukure, ahubwo n'abagabo bakiri abasore ushingiye ku myaka bafite nabo bahuye n'icyo kibazo, bityo rero ubwenge bwabo bwacitse intege. Bafite urutonde rw'ibibwirizwa bateguye; ariko iyo barenze imbibi zabyo, usanga bataye umurongo.

Umupasitoro wa kera wagenderaga ku ifarashi maze agakoresha igihe cyinshi asura umukumbi ashinzwe, nubwo yagiraga imiruhoro myinshi kandi akagenda henshi, yagiraga amagara mazima mu buryo burushije abapasitoro bacu bo muri iki gihe usanga birinda kunaniza umubiri wabo mu buryo bushoboka ubwo ari bwo bwose, ahubwo bagahugira mu bitabo byabo gusa.

¹⁴⁰⁴ Letter 168, 1889.

Nk'abagaragu bahawe inshingano n'Imana, abapasitoro bakuze kandi bafite ubunararibonye bakwiriye kumva ko inshingano yabo ari ukujya mbere buri munsu, bagakomeza kurushaho kuba ingirakamaro mu murimo wabo, kandi bagahora bategura ibibwirizwa bishya byo kubwiriza abantu. Umuhati wose ukoreshejwe mu gusobanura ubutumwa bwiza ukwiriye kuza urushaho kunoza gahunda zakozwe zawubanjirije. Buri mwaka bakwiriye gukura ubutungane bwimbitse, umwuka w'ubugwaneza, imibereho y'iby'umwuka ikomeye kandi isumbyeho, ndetse n'ubumenyi bwimbitse mu byerekeye ukuri kwa Bibiliya. Uko imyaka y'ubukuru irushaho kuba myinshi, ni ko bari bakwiriye kurushaho kwegera imitima y'abantu, bakarushaho kubamenya neza.¹⁴⁰⁵

Inkeke Zijyanye n'Umutungo: Iyo abapasitoro n'abarimu bashengurwa n'umutwari w'inkeke zishingiye ku nshingano bafite mu by'ubukungu maze bakajya ku ruhimbira cyangwa bakinjira mu ishuri ubwonko bwananiwe n'imitsi yareze, mbese ni iki kindi twabitegaho uretse ko umuriro usanzwe ari wo bazakoresha mu mwanya wo gukoresha umuriro wera wacanwe n'Imana? Imbaraga zacogoye kandi zangiritse bakoresha zituma ababateze amatwi bacika integere kandi n'uvugaga nawe bikamushengura. Nta gihe aba yarabonye cyo gushakira Uwitwaga, kandi nta gihe aba yaragize cyo gusaba ngo Umwuka w'Imana amushyigirye amavuta.¹⁴⁰⁶

Irinde Inama Ndende za Nijoro: Umupasitoro ntashobora gukomeza kugira intekerezo zitunganye mu by'umwuka mu gihe ahamagarirwa kujya gukemura ibibazo bito bito biboneka mu matorero atandukanye. Uwo si wo murimo yahamagariwe. Imana ishaka gukoresha ubushobozi bwose bw'intumwa yitoranyirije. Intekerezo zabo n'ubwenge bwabo ntibikwiriye kunanizwa n'inama ndende zikorwa nijoro; kuko Imana ishaka ko imbaraga zose z'ubwonko bwabo zikoreshwa mu kubwiriza abantu ubutumwa bwiza nk'uko buri muri Kristo Yesu.

Kubera imirimo myinshi imusagutse, akenshi umupasitoro aba yihuta cyane ku buryo ari gake cyane ashobora kubona igihe cyo kwisuzuma ubwe ngo arebe niba akiri mu byizerwa. Agahe ko kwinira akibaza ndetse no gusenga kaba gato cyane. Mu murimo we hano ku isi, Kristo yahuzaga umurimo we no gusenga. Yakeshaga amajoro asenga. Abapasitoro [n'ababwirizabutumwa] bakwiriye gushaka Imana kugira ngo ibasukire ku Mwuka wayo Wera bityo bashobore kwigisha abantu ukuri badatera waraza.¹⁴⁰⁷

Guhagarara Ushikamye - Irarika Ryagejejwe ku Muvugabutumwa w'Ikirangirire. Nahawe iyerekwa risobanutse neza ko ubwoko bw'Imana bugomba guhagarara bushikamye bukirinda kurya inyama. Mbese kuba hashize imyaka mirongo itatu Imana ihaye ubwoko bwayo ubutumwa buvuga ko niba bifuzwa kugira amaraso asukuye n'intekerezo ziboneye

1405 *Testimonies*, vol. 4, p. 269, 270. (1876)

1406 *Testimonies*, vol. 7, p. 250, 251. (1902)

1407 *Manuscript 127, 1902.*

bagomba kureka kurya inyama, ubwo yaba yarabutanze idashaka ko babwumvira? Kubwo kurya inyama, kamere ya kinyamaswa ishingira imizi mu muntu maze kamere y'iby'umwuka igacika intege. Abantu nkawe bari mu murimo wubashywe cyane kandi w'ingirakamaro cyane wigeze guhabwa abantu, bakeneye kwitondera ibyo barya.

Ujye wibuka ko igihe uriye inyama, uba uri kurya impeke n'imboga byabanje gukoreshwa n'amatungo; kuko muri ibyo biribwa ari ho itungo rikura ibiritunga ngo rikure hanyuma rikajyanwa ku isoko. Ubuzima bwari buri muri za mpeke n'imboga bunyura mu itungo, bugahinduka umugabane umwe mu bigize ubuzima bwaryo ubwabwo, hanyuma abantu bakazabona kurya rya tungo. Ni kuki abantu bashaka kurya ibyokurya bitari umwimerere?

Mu itangira, Imana yavuze ko imbuto ari "ibyokurya byiza." Uburenganzira bwo kurya inyama bwatanze ari ingaruka y'icyaha. Nyuma y'umwuzure ni ho abantu bahawe uburenganzira bwo kurya inyama z'amatungo. None se ni ukubera iki twarya inyama? Abantu bake gusa mu bazirya ni bo bazi ukuntu ziba zuzuyemo indwara. Inyama ntizigeze ziba ibyokurya byiza, ndetse no muri iki gihe zirimo umuvumo w'indwara.

Igitekerezo cyo kwica inyamaswa cyangwa amatungo kugira ngo biribwe ubwacyo kirimo kwigomeka. Iyaba imyumvire kamerano y'umuntu itaragoretswe no gukabya mu gutwarwa n'ipfa, abantu ntibatekereza kurya inyama z'inyamaswa cyangwa se z'amatungo.

Twahawe umurimo wo guteza imbere umurimo w'ubugorizi mu by'ubuzima. Imana ishaka ko abantu bayo babaho mu bwumvikane. Nk'uko ubizi, muri iyi myaka mirongo itatu n'itanu iheruka, ntabwo tuzava mu mwanya Imana yadutegetse guhagararamo. Jya witondera amatwara ugira yo kurwanya umurimo w'ubugorizi mu by'ubuzima. Uyu murimo uzajya mbere, kuko ari uburyo Imana yashyizeho ngo igabanye ububabare muri iyi si yacu kandi ngo iboneze ubwoko bwayo.

Itondere imyifatire ugira, nibitaba bityo uzagaragara ko ari wowe nyirabayazana w'amacakubiri. Mwene Data, nubwo unanirwa kuzana mu mibereho yawe no mu muryango wawe umugisha ukomoka ku gukurikiza amahame yerekeye ivugurura mu by'ubuzima, irinde kugirira abandi nabi urwanya umucyo Imana yatanze kuri iyi ngingo.

Nubwo kurya inyama tutabigira igipimo, nubwo tudashaka guhatira umuntu uwo ari we wese kureka kurya inyama, turacyafite inshingano yo gusaba ko nta mupasitoro wo muri Konferense cyangwa Filidi uhinyura cyangwa ngo arwanye ubutumwa bwerekeye ubugorizi kuri iyi ngingo. Mu gihe dufite umucyo Imana yatanze ku byerekeye ingaruka kurya inyama bigira ku buzima w'umuntu, niba uzakomeza kuzirya, ugomba kwirengera ingaruka bizakugiraho. Ariko ntukagire uruhande uhagararamo imbere y'abantu ku buryo ruzabatera gutekereza ko atari ngombwa ko bahamagarirwa ivugurura n'ubugorizi ku byerekeye kurya inyama bitewe

n'uko Imana iri guhamagarira abantu iryo vugurura. Uwiteka yaduhaye umurimo wo kubwiriza abantu ubutumwa bwerekeye ivugurura mu by'ubuzima, kandi niba udashaka gutera intambwe ngo wifatanye n'abatanga ubwo butumwa, ntukwiriye kubigaragaza. Igihe ukora ibivuguruza imihati igirwa n'abakozi bagenzi bawe bigisha ibyerekeye ubugorizi mu by'ubuzima, uba utakiri muri gahunda, uba wataye umurongo.¹⁴⁰⁸

IJWI RY'UMUKOZI UBWIRIZA UBUTUMWA BWIZA

Umupasitoro ni Umuvugizi w'Imana: Umuntu wemera kuba umuvugizi w'Imana akwiriye kureba uwo murimo nk'inshingano y'ingenzi ku buryo yigisha abandi ukuri yuzuye ubuntu n'ubwenge bwose uko ashoboye, kugira ngo ukuri kutagira icyo gutakaza mu gihe kwigishwa abantu. Abantu babona ko kuvuga amagambo mu mvugo idatunganye ari akantu gato, baba basuzuguzwa Imana.¹⁴⁰⁹ ...

Kuvuga mu Majwi Yuzuye kandi Akangura Abantu: Ubushobozi bwo kuvuga umuntu yeruye, mu buryo bwumvikana, mu majwi yuzuye kandi akangura abantu, ni ubushobozi utabona agaciro ubuha mu murimo uwo ari wo wose. Ubwo bushobozi bugomba byanze bikunze kurangwa mu bantu bifuza kuba abagabura, ababwirizabutumwa, abigisha ba Bibiliya, cyangwa ababwiririshabutumwa ibitabo. Abantu bateganya kwinjira muri iyo mirimo bakwiriye kwigishwa gukoresha ijwi ku buryo igihe bazaba bigisha abantu ukuri, bazahereko bakorwa ku mutima bityo bafate icyemezo cyo gukurikira icyiza. Ukuri ntigukwiriye kwangizwa n'uko kwavuzwe mu magambo akocamye.¹⁴¹⁰

Gukoresha Imvugo Inoze Yumvikana: Abakozi bose, baba bavugira ku ruhimbi cyangwa se bigisha Bibiliya, bagomba kwigishwa kuvuga mu buryo bwumvikana kandi bunoze.¹⁴¹¹

Ijwi ry'Usoma Bibiliya Rikwiriye Kuba Rituje kandi Riteye nk'Indirimbo: Umuntu usomera Bibiliya mu iteraniro cyangwa mu muryango, akwiriye kuba ashoboye gusoma mu ijwi rituje kandi riteye nk'indirimbo, ijwi rizareshya abamuteze amatwi.¹⁴¹²

Ijwi Ryemeza Abantu kandi Ribakora ku Mutima: Ubumenyi mu byerekeye gusoma neza no gutsindagira aho bikwiriye, ni ubw'agaciro gakomeye. Ubumenyi waba warungutse bwose mu bindi bintu, niba warakerensheje kumenyereza ijwi ryawe n'imivugire yawe kugira ngo ubashe kuvuga no gusoma udategwa mu buryo busobanutse kandi bugaragaza kujijuka, ibyo wize byose bizagira akamaro gake; kubera ko iyo ijwi ritamenyerejwe, ntushobora kubwira abandi ibyo wize mu buryo bwiza kandi bwumvikana.

¹⁴⁰⁸ Letter 48, 1902.

¹⁴⁰⁹ Manuscript 107, 1898.

¹⁴¹⁰ Testimonies, vol. 6, p. 380. (1900)

¹⁴¹¹ Letter 200, 1903

¹⁴¹² Testimonies, Vol. 6, p. 381. (1900)

Kwiga kubwira abantu ibyo uzi mu buryo bubemeza kandi bubakora ku mutima, ni ikintu cy'agaciro kadasanzwe ku bantu bifuza kuba abakozi mu murimo w'Imana. Uko urushaho gukoresha imvugo inoze igihe uvuga amagambo y'ukuri, ni ko ayo magambo azarushaho gutanga umusaruro ku bayumva. Kuvuga ukuri k'Uwiteka mu buryo bukwiriye bisaba gukoresha umuhati wacu ku rwego ruhanitse. Nimutyo abigishwa bari gutozwa gukora umurimo w'Uwiteka bakore uko bashoboye kose, bige kuvuga neza kandi bavugana imbaraga, kugira ngo igihe bazaba baganira n'abandi ibyerekeye ukuri cyangwa igihe bazaba babwiriza Ijambo ry'Imana mu ruhame, bazabashe kwigisha neza ukuri kwakomotse mu ijuru.¹⁴¹³

Ijwi ry'Umubwiriza Rigira Uruhare mu Gufata icyemezo kw'Abamwumva: Ababwiriza bamwe basenya ubwuzu bagombye kugira ku bantu. Ibyo babikora bazamura ijwi ryabo hejuru cyane igihe bavuga, bakavuzza induru kandi bagasakuza cyane bavuga ukuri. Iyo ukuri kubwirijwe abantu muri ubwo buryo, guta uburyohe bwako, imbagara zako no kwera kwako. Ariko iyo ijwi rikoreshejwe neza, iyo rifite ireme, kandi umubwiriza akajya arizamura akongera akarimanura ku buryo rikora ku mutima, ibyo bizatuma abantu barushaho kumva babyishimiye. Ijwi nk'iryo ni ryo Kristo yakoresheje igihe yigishaga abigishwa be. Yabakoraga ku mitima kubw'ijwi rikomeye kandi rituje; yavuganaga impuhwe n'umutuzo. Ariko se kuvuga usakuza bifite kamaro ki? Ntabwo biha abantu ibitekerezo byo hejuru byerekeye ukuri, kandi ntibibakora ku mutima rwose mu buryo bwimbitse. Ahubwo bituma abateze amatwi bumva bibabihaye kandi ibyo bikananiza n'imvumba z'amajwi z'uvuga. Uburemere bw'ijwi bugira uruhare runini mu gukora ku mitima y'ababa bateze amatwi.¹⁴¹⁴

Gukoresha neza Imyanya y'Umubiri Igenga Ijwi: Imyanya y'umubiri igenga ijwi igomba kwitonderwa no kumenyerezwa neza. Iyo myanya ikomezwa no gukoreshwa neza, ariko kuyikoresha nabi nabyo bigatuma icika intege. Kuyikoresha birengeje urugero, nk'igihe umuntu abwiriza ibibwirizwa birebire kandi akajya abikora kenshi, ntibyangiza iyo myanya gusa, ahubwo binangiza urwungano rw'imyakura rwose bitari ngombwa. Bituma inanga nziza y'imirya igihumbi yangirika, ntibe yashobora gusanwa, bityo ikajya isohora amajwi y'amakaraza aho kumvikanisha impuzamajwi inogeye amatwi.

...Birakwiriye ko buri mubwiriza atoza imyanya igenga ijwi kugira ngo ikomeze kuba mitaraga, bityo abashe kuvuga kubwira abantu amagambo y'ubugingo. Buri wese akwiriye kuba umunyabwenge ku byerekeye imikoreshereze myiza iruta indi y'ubushobozi Imana yatanze, kandi akwiriye gushyira mu bikorwa ibyo yiga. Si ngombwa kubwira abantu uvuga ijwi rirerire cyangwa ngo uhanike ijwi; kuko ibyo byangiza umubwiriza. Kuvuga amagambo vuba vuba na byo bisenya byinshi ku mumaro cya kibwirizwa cyajyaga kugira; kubera ko amagambo adashobora

¹⁴¹³ Manuscript 131, 1902.

¹⁴¹⁴ Testimonies, vol. 2, p. 615. (1871)

kumvikana neza no mu buryo bweruye nk'uko yakavuganwe gutuza ibyo bigaha abateze amatwi umwanya wo kumva ubusobanuro bwa buri jambo.

Ijwi ry'umuntu ni impano y'agaciro kenshi Imana yamuhaye. Ni imbaraga ijyana abantu ku cyiza, kandi Imana ishaka ko abagaragu bayo basigasira ubwiza bwayo n'injyana iririmo. Ijwi rikwiriye gutozwa hagamijwe guteza imbere imimerere yaryo yuje umuziki, kugira ngo ribashe kwinjira mu matwi y'abantu rinejeje kandi rikore no ku mutima. ...

Imana isaba umuntu kutavuga asunitswe n'imbaraga imurimo imukoresha atabitekerejeho, ahubwo imusaba kuvuga atuje kandi yitonze, akareka Umwuka Wera akaba ari we uha ukuri imbaraga yo gutanga umusaruro ku bumva. Ntugatekereze ko kuvuga amagambo watwawe, ugahanika ijwi, ukavuga amagambo utabanje kuyatekerezaho, kandi ukinaniza uzamura ijwi ryawe urihanika ku rwego ndengakamere, ngo wibwire ko uri kwerekana ko ukoreshwa n'imbaraga ikomeye y'Imana yakugendereye. ...

.....Impinduka uteza zigomba kugera kure, kandi imbaraga z'imvugo yawe zikwiriye gutegekwa n'ubwenge. Iyo unaniza cyane imyanya y'umubiri igenga ijwi, ubushobozi bwo gutegeka uko ijwi risohoka buratakara. Gushaka kuvuga wihuta cyane bikwiriye kurwanywa bidasubirwaho. Imana irashaka ko umuntu akora imirimo yose ashoboye gukora. Impano zose umuntu yahawe zigomba gukundwa kandi zigahabwa agaciro, ndetse zigakoreshwa nk'impano z'agaciro kenshi ijuru ryatanze. Abakozi bo mu murima weze ibisarurwa ni abakozi bashyizweho n'Imana, ni imiyoboro Imana yashyizeho ngo inyuzemo umucyo uva mu ijuru iwugeze ku bantu. Imikoreshereze mibi kandi itarimo ubushishozi y'ubushobozi ubwo ari bwo bwose Imana yabahaye bigabanya cyane umusaruro batanga ku buryo iyo hari ibyihutirwa cyane, igihe hari ikintu cyiza cyane kigomba gukorwa, usanga bacitse intege cyane, bafite umuze kandi bamugaye ku buryo usanga bashobora gukora ibintu bike cyane.¹⁴¹⁵

Kumenyereza Ijwi ni Ingenzi ku Mupasitoro: Abigisha mu mashuri yacu ntibakwiriye kwihanganira abanyeshuri bafite imyitwarire y'imburamumaro kandi bakora ibimenyetso bidafite umumaro, kandi bitsa kandi bazamura ijwi mu buryo butari bwo, cyangwa bashimangira ahadakwiriye. Umunyeshuri wese akwiriye gushishikarizwa kunoza imvugo no kugorora ijwi. Bitewe no gukerensa no gutozwa nabi, akenshi umwigishwa atora ingeso mbi usanga izamuhindukira imbogamizi mu murimo w'ubugabura kandi afite impano yabwo ndetse yarabwigishijwe. Umwigishwa akwiriye kumvishwa ko agomba kuba rwose umuntu ushyitse binyunze mu gukomatanya impano y'ubuntu yahawe n'umwete agira. Ubushobozi bw'umubiri n'ubw'ubwenge Imana yamuhaye bushobora guhinduka imbaraga yungura bagenzi be binyuze mu kwimenyereza no kugira umwete mwinshi.¹⁴¹⁶

¹⁴¹⁵ Special Testimonies, Series A, No. 7, pp. 9-11.

¹⁴¹⁶ Manuscript 22, 1886.

Kumenyereza Ijwi: Kumenyereza ijwi bifite umwanya w'ingenzi mu kubaka ubushobozi bw'umubiri, kuko bituma ibihaha birushaho kwaguka no kugira imbaraga, bityo bigakumira indwara. Kugira ngo umuntu asome cyangwa avuge neza, reba ko imikaya y'inda igira uruhare ruhagije mu guhumeka, kandi ko imyanya y'ubuhumekero yisanzuye. Ni byiza gukoresha imikaya y'inda cyane kurusha gukoresha iy'umuhogo. Bigenze bityo, kunanirwa gukomeye n'indwara z'ibikatu zibasira umuhogo n'ibihaha zishobora kwirindwa. Hakwiriye gushyirwaho ubwitonzi kugira ngo umuntu asohore ijwi avuga neza mu ijwi rituje kandi ryoroheje, kandi ye kuvuga ubutitsa. Ibyo ntibizatuma umuntu agira ubuzima bwiza gusa, ahubwo bizaba inyongera ikomeye ku gutuma umurimo w'umwigishwa unezeza kandi ukorwe neza.¹⁴¹⁷

Bwira Abantu Ibihumbi Bikoroheye Nk'uko waba Ubwira Abantu Icumi: Kuvugira mu muhogo maze amagambo akajya asohoka aturutse aho imvumba z'amajwi zitangirira, maze igihe cyose ukavuga uharatura inzira y'ijwi kandi ukayibabaza, bene ubwo buryo si uburyo bwiza bwo kubungabunga ubuzima cyangwa bwo kongera uburyo bwo gukora neza kw'iyi myanya. Ukwiriye guhumeka neza winjiza umwuka ukuzura mu bihaha, maze igikorwa cyo kuvuga kigahabwa imbaraga n'imikaya y'inda. Reka ibihaha bibe umuyoboro w'umwuka gusa, ariko ntukwiriye kubyishingikirizaho igihe ukora umurimo wo kuvuga. Iyo uretse amagambo akava mu gituzi, imikaya y'inda ikabigiramo uruhare, ushobora kubwira abantu ibihumbi byinshi bikoroheye nk'uko waba ubwira abantu icumi.¹⁴¹⁸

Kurikiza Amabwiriza Yerekeye Guhumeka Neza: Abagabura b'Ijambo ry'Imana bakwiriye guhagarara bemye, kandi bakavuga bitonze, bashimikiriye, bakavuga amagambo yumvikana, kuri buri nteruro yose bagatuzi bakinjiza umwuka uhagije, hanyuma bagasohora amagambo ku buryo imikaya y'inda ibigiramo uruhare. Baramutse bakurikije iri tegeko ryoroshye, bakita ku mategeko y'ubuzima arebana n'indi mikorere y'umubiri, bashobora gusigasira ubuzima bwabo kandi bagakomeza kuba ingirakamaro igihe kirekire kurusha abandi bakozi bakora indi mirimo. Igutuzi cyabo kiraguka, kandi . . . umubwiriza ntakwiriye kuvuga ijwi ry'imisarare, ndetse n'iyi avuga mu gihe bisanzwe. Aho kugira ngo ababwiriza bahinduke nk'abarwayi b'igituntu, bashobora gutsinda imivugire yose yabakururira uburwayi.¹⁴¹⁹

Kuvuga Buhoro Buhoro kandi mu Buryo Butuje: Mu gihe nari nkiri muto, nakundaga kuvuga ndanguruye ijwi cyane. Hanyuma Uwiteka yanyeretse ko ntashobora kuvuga amagambo akora ku mitima y'abantu nk'uko bikwiriye nkoresha ijwi rihanitse ku rugero rudasanzwe. Nuko nerekwaga uko Kristo ampagaze imbere, mbona uburyo yavugaga; kandi ijwi rye ryari rifite injyana nziza. Ijwi rye ryasohokaga buhoro buhoro kandi rituje ryageraga ku bari bamuteze amatwi, maze amagambo ye agacengera

1417 Uburezi 207.

1418 *Testimonies*, vol. 2, p. 616. (1871)

1419 *Testimonies*, Vol. 4, p. 404. (1808)

mu mitima yabo, kandi mbere y'uko agira interuro yongera kubyo yabaga avuze, bashoboraga gusobanukira n'ibyo yabaga amaze kuvuga. Hari abantu bamwe batekereza ko bakwiriye kuvuga birukanka nk'abasiganwa, ngo bitaba bityo bagatakaza guhumekerwa na Mwuka ndetse n'ababumva nabo bagatakaza uko guhumekerwa. Niba rero uko ari ko guhumekerwa, nimubareke bagutakaze ndetse byarushaho kuba byiza bibaye mu maguru mashya.¹⁴²⁰

UKO UMUBWIRIZABUTUMWA AKWIRIYE KUBA AGARAGARA

Ibikwiriye Kuranga Umubwirizabutumwa: Nkurikije umucyo nahawe, umurimo wo kubwiriza ubutumwa ni uwera ni uw'agaciro kenshi, bityo abemera kuwukora bakwiriye kugira Kristo mu mitima yabo, ndetse bakagira ubushake bukomeye bwo kumugaragaza imbere y'abantu mu buryo bumuhesha agaciro mu byo bakora byose, mu myambarire yabo, mu byo bavuga byose ndetse no mu mivugire yabo. . . .

Amagambo yacu, ibikorwa byacu, imyitwarire yacu, imyambarire yacu, ndetse ibintu byose biturangwaho bikwiriye kubwiriza. Ntidukwiriye kubwira abantu dukoresheje amagambo yacu gusa, ahubwo ikintu cyose kitwerekeyeho ubwacu gikwiriye kubabera ikibwirizwa.¹⁴²¹

Abantu Bazimiye Bitewe no Gukerensa: Umugabura w'Ijambo ry'Imana utagira icyo yitaho mu myambarire ye akenshi akomeretsa abakunda ibyiza kandi bita ku bitunganye biboneye. Abagabura b'abanyamafuti ku bijyanye n'imyambarire bakwiriye gukosora amakosa yabo, kandi bakarushaho kwitonda no kwigengesera. Ku iherezo, ukurimbuka kw'abantu bamwe kuzaba gufitanye isano n'imyambarire mibi y'umubwirizabutumwa. Uko abo bantu babonye uwo mubwiriza ubwa mbere byatumye batamwakira neza bitewe n'uko batashoboraga guhuza uko yagaragaraga ku myambarire n'ukuri yabwirizaga. Imyambarire ye yavuguruzaga ibyo yavugaga; bityo byafashwe ko abantu yari ahagarariye ryari itsinda ry'abantu batagira icyo bitaho ku bijyanye n'imyambarire yabo, ndetse abamwumvaga ntibashatse kwita ku itsinda ry'abantu bameze batyo.¹⁴²²

Kubonera, Ibara ry'Imyambaro no Kuba Ikwiriye: Abantu bamwe bakora umurimo mu bintu byejejwe bakunze guhuza imyambarire yabo na kamere zabo, ku buryo nibura ku rwego runaka, iyo myambarire isenya impinduka umurimo wabo wajyaga kuzana. Hari ukubura kugaragara ko guhitamo amabara meza ndetse no kwambara imyenda iboneye ikwiye nyirayo. Mbese bene iyo myambarire isiga sura ki mu bantu? Bigaragaza ko umurimo biyeguriye gukora utagifatwa ko wera cyangwa ngo ube ari uw'isumbwe kuruta umurimo usanzwe nko guhinga umurima. Kubw'urugero atanga, umugabura atesha agaciro ibintu byejejwe maze bigafatwa ku rwego rumwe n'urw'ibintu bisanzwe.¹⁴²³

¹⁴²⁰ Manuscript 19b, 1890.

¹⁴²¹ Testimonies vol. 2, pp. 615, 618. (1871)

¹⁴²² Testimonies, vol. 2, p. 613. (1871)

¹⁴²³ Testimonies, vol. 2, p. 614. (1871)

Guhitamo Amabara: Umwambaro w'umukara cyangwa wijimye ni wo urushijeho kubera umugabura ku ruhimb, kandi uwo mwambaro utuma abantu bagira ubwuzu bwo kumutega amatwi kuruta ko yakwambara imyambaro ifite amabara abiri cyangwa se atatu atandukanye.¹⁴²⁴

Isuku ku Myambaro n'Imyitwarire: Mu myambarire yacu no mu myitwarire yacu hakwiriye kubamo isuku. Haba ku kuntu tugaragara ndetse no mu murimo wacu, ntidukwiriye kuba duhindanye cyangwa tutaboneye.¹⁴²⁵

Imico y'Umugore w'Umukozi Uyibwirwa n'Imyambarire ye: Imico y'umuntu igaragazwa n'imyambarire ye. Kugira ibyo umuntu akunda biboneye n'intekerezo zijitse bizagaragarira mu guhitamo imyambaro iciriritse kandi ikwiriye. Iyo ubutungane no kwiyoroshya mu myambarire bifatanyije no kugira imico myiza, bizasakara bikikize umukobwa n'umwuka w'uko yatoranyirijwe kuba uwera, ari byo bizamubera ingabo imukingira ibyago byinshi.¹⁴²⁶

Abatizera Nabo Bashima Kwiyoroshya mu Myambarire: Abantu benshi bambara nk'ab'isi bagamije guhindura abatizera; ariko aha bahakora ikosa rikomeye cyane. Niba bashaka kubahindura mu buryo nyakuri kandi bukiza, reka barangwe n'imibereho igaragaza ibyo bizera, bagaragaze kwizera kwabo kubw'imirimo yabo yo gukiranuka, kandi batume itandukaniro hagati y'Abakristo n'ab'isi rigaragara rwose. Amagambo, imyambarire, n'ibikorwa bikwiriye guhamya Imana. Ubwo ni bwo imbaraga yera kandi ihindura izasakara ahabakikije hose, ndetse n'abatizera bazabamenyeraho ko babanye na Yesu. Niba icyifuzo icyo ari cyo cyose cyo gutuma impinduka bateza zishyigikira ukuri, reka barangwe n'imibereho ihuje n'ibyo batura ko bizera, bityo bigane Kristo we Cyitegererezo ucishije bugufi.¹⁴²⁷

Ubwibone mu Myambarire ni Ibuye Risitaza Abatizera: Abantu benshi bari baratsinzwe mu mitima bakemera ukuri baje guterwa kukurwanya bitewe n'ubwibone ndetse no gukunda iby'isi byagaragaye kuri bashiki bacu. Inyigisho zabwirijwe abantu zarumvikanaga neza ndetse zikuzuzanya, kandi byatumye abazumvise bumva ko kubwo kwemera ukuri bagomba kwikorera umusaraba uremereye. Ariko igihe abo bantu babonaga bashiki bacu barangwa no kwigaragaza cyane mu myambarire, baravuze bati: "Aba bantu bambara rwose nkatwe nta tandukaniro. Ntibashobora mu by'ukuri kwizera ibyo bavuga; kandi amaherezo bazagwa mu bishuko. Iyaba mu by'ukuri batekereza ko Kristo agiye kugaruka vuba maze ibya buri muntu wese bigafatirwa icyemezo cyaba icyo guhabwa ubugingo cyangwa se urupfu, ntibatanga igihe cyabo n'amafaranga yabo baharanira kwambara bakurikije imideli iriho." Mbega ukuntu abo bashiki bacu

1424 Testimonies, vol. 2, p. 610. (1871)

1425 Letter 49, 1902.

1426 Uburezi, pp. 259, 260.

1427 Testimonies, vol. 4, pp. 633, 634. (1881)

biyitirira ko ari abizera bazi bike cyane ku kibwirizwa imyambarire yabo ibwiriza!

Amagambo yacu, ibikorwa byacu n'imyambarire yacu ni ababwiriza ba buri munsu kandi bahoraho bateranyiriza hamwe na Kristo cyangwa se basandaguza. Ntabwo iki ari ikibazo kitagize icyo kivuze dukwiriye gucaho ngo tugifate nk'amashyamba. Insangamatsiko yerekeye imyambarire isaba gutekerezwaho mu buryo butajenjekewe kandi abantu bakabisengera cyane. Abatizera benshi bagiye ubwabo biyumvamo ko batari ibintu bitunganye mu gihe bemera kuba imbata y'imideli igezwaho. Ariko iyo babonye ko bamwe mu batwari cyane ko bizera Imana bambara nk'ab'isi, bakishimira kubana n'abantu batwari agaciro, abo batizera bafata icyemezo ko nta kibi kiri muri icyo mikorere yabo.¹⁴²⁸

Umwambaro Woroheje Ntuzatera Ipfunwe Abakene: Imyambarire yacu ikwiriye kuba ibonye kandi yoroheje kugira ngo igihe tugiye gusura abakene be kuzatwari ipfunwe n'itandukaniro riri hagati y'imyambarire yacu nabo.¹⁴²⁹

Imyambarire Ikwiriye Umurimo Wejewe: Ubushishozi mu myambarire ni ikintu cyo kwitabwaho cyane. Umugabura akwiriye kujya yambara mu buryo bukwiranye n'icyubahiriro cy'umwanya arimo. Abagabura bamwe bamaze gutsindwa ku byerekeye iyi ngingo. Ahantu hamwe na hamwe ntihagiye habura gusa ubwiza bukwiriye na gahunda mu myambarire, ahubwo n'umwambaro ntiyagiye irangwaho isuku no kubonera.

Imana yo mu ijuru ifite ukuboko kunyeganyeza isi, Yo iduha ubuzima kandi ikatubeshaho, ihabwaho icyubahiriro cyangwa igasuzugurwa bitewe n'umwambaro y'abakora umurimo bahagaze mu cyubahiriro cyayo.¹⁴³⁰

UMUGORE UFITE UMUGABO W'UMUBWIRIZABUTUMWA

Yita ku Mpano Ze: Umugore ufite umugabo w'umubwirizabutumwa afite inshingano adakwiriye kandi adashobora gukerensa. Imana izamubaza itaranto yamubikije n'icyo yayibye. Akwiriye gukorana umwete, akiranka kandi yunze ubumwe n'umugabo we mu gukiza imitima. Ntakwiriye na rimwe gushyira imbere ibyifuzo bye n'ibyo ararikira, cyangwa ngo agaragaze ko adashimishijwe n'umurimo umugabo we akora, cyangwa ngo atinde cyane ku rukumbuzi afite cyangwa ku kumva atanezerewe. Ayo marangamutima kamere yose akwiriye kuyarwanya akayatsinda. Akwiriye kugira umugambi aharanira kugera mu buzima bwe atadohotse. Mbega ukuntu byagenda uyu mugambi uhanganye n'amarangamutima n'ibinezeza n'ibidushimisha bisanzwe! Ibyo binezeza kamere bukwiriye kuzibukiranwa umunezero kugira ngo abashe gukora imirimo myiza no gukiza imitima y'abantu.

¹⁴²⁸ *Testimonies*, vol. 4, p. 641. (1881)

¹⁴²⁹ *Gospel Workers*, p. 189. (1915)

¹⁴³⁰ *Gospel Workers*, p. 173., (1915).

Abagore b'abagabura bakwiriye kurangwa n'imibereho yo kwitanga n'amasengesho. Ariko bamwe muri bo bishimira idini itabasaba kwikorera umusaraba kandi itabasaba kwiya ndetse no kuruha ku ruhande rwabo. Aho kugira ngo bahagarare gipfura bakomeye, ngo bishingikirize ku Mana bityo ibahe imbaraga, kandi ngo buri wese abashe gukora inshingano ze yihariye, usanga igihe kinini baragiye bishingikiriza ku bandi akaba ari bo bakesha imibereho y'iby'umwuka. Baramutse bishingikirije ku Mana gusa bakayiringira nk'uko umwana muto yiringira [umubyeyi we], kandi urukundo rwabo rugashinga imizi muri Yesu, akaba ari we bavomamo ubugingo kuko ari we muzabibu w'ukuri, mbega ukuntu bakora ibintu byiza byinshi, mbega ukuntu bafasha abandi, mbega ukuntu bashigikira abagabo babo, kandi mbega ingororano bazahabwa ku iherezo!¹⁴³¹

Guherekeza Umugabo Wawe mu Murimo wo Kuzana Abantu kuri Yesu: Niba umugore w'umupasitoro aherekeje umugabo we mu ngendo agira, ntakwiriye kujyanwa no kwishimisha ubwe, ngo ajyanwe no gusura no kwakirwa no kwitabwaho nk'umushyitsi, ahubwo agomba kujyanwa no gufatanya na we umurimo. Akwiriye gufatanya na we kugira ubwuzu bwo gukora ibyiza. Niba ibyo yagombaga kwitaho mu rugo bitamubereye inzitizi, akwiriye kuba afite ubushake bwo guherekeza umugabo we, kandi akwiriye kumufasha mu mihati agira yo gukiza ubugingo bw'abantu. Mu mwuka w'ubugwaneza no kwicisha bugufi, ariko bijyana no kwigirira icyizere, umugore w'umupasitoro akwiriye kugira imbaraga itera abamukikije kugana mu cyerekezo cyiza, kandi akwiriye gukora uruhare rwe, akikorera umusaraba we n'umutwaro we haba mu materaniro, cyangwa ahakikije igicaniro cy'umuryango wabo ndetse no mu biganiriro agirana n'abantu igihe bakikije umuriro bota. Abantu biteze ko ari uko bikwiriye kugenda, kandi bafite ishingiro. Iyo rero ibyo bari biteze bitagenze bityo, usanga umugabane usaga kimwe cya kabiri cy'impinduka umugabo we yari guteza mu bantu gisenyuka.

Umugore w'umupasitoro yakora ibintu byinshi, aramutse abishatse. Niba afite umwuka wo kwitanga kandi agakunda ubugingo bw'abantu, yafatanye n'umugabo we maze bagakora ibintu byinshi kandi byiza. Mushiki wacu ukora mu murimo wo kwamamaza ukuri ashobora gusobanukirwa no gushyikirana n'abantu runaka, cyane cyane abagore n'abakobwa umupasitoro atashobora gushyikirana nabo.¹⁴³²

Imyambarire y'Umugore w'Umupasitoro: By'umwihariko, abagore b'abapasitoro bakwiriye kwigengesera kugira ngo badacisha ukubiri n'inyigisho zeruye Bibiliya yigisha ku byerekeye imyambarire. Abantu benshi bumva ko aya mabwirizwa yataye igihe cyane bityo bikaba bitakiri ngombwa kuyitaho; Kristo wayahaye abigishwa be yari asobanukiwe n'akaga gaterwa no gukunda imyambaro muri iki gihe cyacu, bityo akaba yaratwoherereje ubutumwa bw'imbuze. Mbese tuzumvira uwo muburo

1431 *Testimonies*, vol. 1, p. 452, 455. (1864)

1432 *Testimonies*, Vol. 1, p. 452, (1864).

kugira ngo tubashe kuba abanyabwenge? Gukabya mu myambarire birarushaho kwiyoungera, kandi iherezo ntiriragera. Imideli ihora ihinduka, kandi bashiki bacu bakayikurikira uko igenda yaduka batitaye ku gihe cyangwa umutungo babitakazamo. Hari umutungo mwinshi cyane utangwa ku myambaro, kandi wagombaga kugarurirwa Imana yo yawutanze.¹⁴³³

Intangarugero mu Idini yo mu Muryango: Umugore w'umupasitoro ufite abana akwiriye kujya yibuka ko afite urubuga agomba kuvugiramo ubutumwa aho akwiriye gukorera ubudahwema n'umwete udacogora, azi neza ko umusaruro uzava mu murimo we uzaramba ukazageza mu bihe bitazashira. Mbese ubugingo bw'abana be ntibunganya agaciro n'ubugingo bw'abapagani? Kubw'ibyo, akwiriye kubarera abitaho mu mwuka w'urukundo. Afite inshingano yo kwereka ab'isi ububasha n'ubwiza bw'idini yo mu muryango. Akwiriye kugendera ku mahame aho kugengwa n'imbaraga imukoresha adatekereje, kandi agakora azirikana ko afite Imana ho umufasha. Nta kintu na kimwe akwiriye kwemerera kumuteshura ku nshingano ye.

Imbaraga ihindurira ku cyiza y'umubyeyi w'umugore ufite ubumwe bukomeye na Kristo ni iy'agaciro katagerwa. Umurimo akora wuje urukundo utuma urugo rwe ruhinduka nk'i Beteli. Kristo akorana na we, maze amazi asanzwe y'ubugingo akayahindura divayi yo mu ijuru. Abana be bazakura bamubere umugisha kandi bamuheshe icyubahiro mu buzima bwe muri iki gihe ndetse no mu buzima buzaza.¹⁴³⁴

Umurimo w'Ingenzi Ukorera Imuhira: Iyo abagabo bashatse bagiyeye mu murimo, maze abagore babo bagasigara imuhira bita ku bana, icyo gihe umugore nka nyina w'abana asigara akora umurimo ukomeye kandi w'ingenzi nk'uw'umugabo we, ari we se w'abana. Iyo umwe yagiye mu murimo w'ibwirizabutumwa, undi nawe aba ari umubwirizabutumwa ukorera mu rugo, kandi akenshi ibimuhagarika umutima n'imitwaro ye usanga biba biruta cyane iby'umugabo we. Umurimo wa nyina w'abana urakomeye kandi ni ingirakamaro. Ni umurimo wo kurema intekerezo no kugorora imico y'abana be, akabigisha kuba ingirakamaro muri ubu buzima, kandi akabategurira kuzaba abantu bakwiriye kuzaragwa ubugingo butazapfa.

Igihe umugabo ari gukora umurimo w'ibwirizabutumwa mu ruhamwe ashobora guhabwa icyubahiro n'abantu, mu gihe umukozi wiriwe avunikira mu mirimo yo mu rugo atagira umuntu wamushimira umurimo akora; ariko niba akora agamije inyungu z'umuryango we, kandi agahirimbana kugorora imico yabo akurikije Kristo we Cyitegerereze ijuru ryatanze, icyo gihe marayika wandika ibye yandika izina rye nk'umwe mu babwirizabutumwa b'ibyatwa babayeho ku isi.

Umugore w'umupasitoro akwiriye kubera umugabo we umufasha w'ingenzi, ahirimbanira kumworohereza umutwaro wamuvuganaga. Ibyo

¹⁴³³ *Testimonies*, vol. 4, p. 630,631.(1864).

¹⁴³⁴ *Gospel Workers*, p. 206. (1915)

yabikora akomeje kurindira ubugingo bwe mu rukundo rw'Imana. Ashobora kwigisha abana Ijambo ry'Imana, kandi ashobora gucunga urugo rwe neza yirinda kwaya umutungo kandi akabikorana ubushishozi. Afatanije n'umugabo we, ashobora kwigisha abana ibyerekeye gucunga neza umutungo, kandi akabigisha gutegeka irari ryabo.¹⁴³⁵

Umwuka wo Kwinuba ni Umutwaro Uruhije: Bashiki bacu bomatanye rwose n'umurimo w'Imana niba yarahamagaye abagabo babo ngo babwirize ukuri kwagenewe ab'iki gihe. Niba mu by'ukuri barahamagawe n'Imana, abo bagaragu bayo bazumva neza akamaro k'ukuri. Bahagaze hagati y'abazima n'abapfuye, bityo bagomba kurinda ubugingo bw'abantu nk'abazabubazwa. Umuhamagaro wabo urakomeye cyane, bityo abafasha babo bashobora kubabera umugisha ukomeye cyangwa umuvumo. Igihe bacitse intege bashobora kubakomeza, baba barushye, bakabahumuriza, igihe bacogoye bakabashishikariza kubura amaso, bakiringira Imana byimazeyo igihe kwizera kwabo kudohotse. Cyangwa se bashobora gukora ibihabanye n'ibyo maze bagahanga amaso uruhande rwijimye, bagatekereza ko bari mu bihe bibi, ntibarangwe no kwizera Imana, bakaganiriza abagabo babo ibyerekeye ibigeragezo bafite ndetse no kutizera kwabo, maze bagaha intebe umwuka wo kwinuba no kwivovota, bityo bakababera umutwaro uruhije ndetse bakabahindukira n'umuvumo. ...

Umugore utejejwe ni umuvumo ukomeye kuruta indi umugabura ashobora kugira. Abo bagaragu b'Imana batigeze baba mu mwanya ubanejeje ndetse n'ubu batanezerewe bitewe no kugira uru rucanteye iwabo imuhira, bakwiriye gukuba kabiri amasengesho yabo no kuba maso kwabo, bagakomera, bagahagarara bashikamye, ntibemerere uwo mwijima kubatsikamira. Bakwiriye komatana n'Imana, bagashikama kandi ntibadohoke, bakayobora ingo zabo neza, ndetse bakabaho mu buryo bushobora kwemerwa n'Imana kandi bakitabwaho n'abamarayika bayo. Ariko nibumvira ibyifuzo by'abagore babo batejejwe, uburakari bw'Imana buzaba ku rugo rwabo. Inkuge y'Imana ntishobora kuba muri iyo nzu, bitewe n'uko abo bagore babatera kudohoka kandi bakabazingitiranya mu bibi byabo.¹⁴³⁶

GUKOMERA KU RWEGO RUHANITSE RW'IMICO MBONERA

Kureka Amahame Bigaragaza Ibihe Turimo: Ahantu hose uhabona kwangirika kw'ikiremamuntu, ukahabona ibicaniro by'imiryango byasenyutse ndetse n'ingo zabaye amatongo. Hariho kureka kugendera ku ihame ku rwego rudasanzwe, urugero rukwiriye rw'imico mbonera rwaramanuwe rucishwa bugufi, bityo isi iragenda ihinduka Sodomu mu buryo bwihuse. Imigenzereze yatumye Imana icira urubanza isi ya mbere y'umwuzure kandi igatera Sodomu gukongorwa n'umuriro, irarushaho kwiyongera. Turarushaho kwegereza iherezo, ubwo isi izejeshwa umuriro.¹⁴³⁷

¹⁴³⁵ *Gospel Workers*, p. 203. (1915)

¹⁴³⁶ *Testimonies*, vol. 1, p. 138, 139. (1856).

¹⁴³⁷ *Gospel Workers*, pp. 125, 126. (1915)

Ababwirizabutumwa ni bo Satani Yibasiye: Ibigeragezo byihariye bya Satani byibasiye umurimo w'ibwirizabutumwa. Satani azi neza ko abagabura ari abantu buntu, batifitemo ubuntu no kwera. Azi ko ubutunzi bw'ubutumwa bwiza bahawe bwashyizwe mu bibindi by'ibumba, kandi imbaraga z'Imana zonyine ni zo zishobora kubahindura ibikoresho by'icyubahiro. Azi ko Imana yejeje abagabura kugira ngo babe ibikoresho bifite imbaraga byo gukoreshwa kubw'agakiza k'ubugingo bw'abantu, kandi ko mu murimo wabo bashobora kugera ku ntego gusa ari uko bemereye Data uhoraho kugira ngo agenge ubugingo bwabo. Kubera izo mpamvu, agerageza gukoresha ubucakura bwe bwose kugira ngo abashore mu cyaha, kuko azi neza ko kubw'umwanya bafite, gukora icyaha kwabo bituma kirushaho gukomera muri bo kubera ko iyo bakoze icyaha, baba bihinduye abagabura b'ikibi.¹⁴³⁸

Kwiha Agaciro no Kubana neza n'Abandi: Ingingo yerekeye kubonera no kugira imyitwarire itunganye ni ingingo tugomba kwitondera. Tugomba kwirinda gukora ibyaha byo muri iki gihe kibi bikabije. Abahagarariye Kristo ntibakwiriye kugira uruhare mu biganiro by'ubupfapfa, ngo bagirane umushyikirano n'abandi bagore, baba abashatse cyangwa se abatarashaka. Bakwiriye gukomeza kuguma mu myanya yabo bakomera ku kwiha agaciro; ariko kandi bashobora kuba abantu basabana n'abandi, bakarangwa n'ineza n'urukundo ku bantu bose. Bagomba kugendera kure ikintu cyose gisa n'ikibashyira mu rwego rw'abantu basanzwe kandi gituma abantu bakabya kubamenyera bikabatesha agaciro. Urwo ni urubuga rwabuzanijwe, umuntu atashingaho ibirenge ngo abe amahoro. Ijambo ryose n'igikorwa cyose bakora, bikwiriye kubaganisha mu rwego rwo hejuru, bikabatunganya kandi bikabahesha icyubahiro. Kutazirikana bene ibi ni ugukora icyaha.¹⁴³⁹

Cyaha Gushyeshya kw'Abagore: Rimwe na rimwe abagabo bazagushyeshya, ariko akenshi bizakorwa n'abagore. Ibyo bishobora kuba cyane cyane igihe ubwiriza ubutumwa bw'ukuri ahantu hashyashya, uzakura n'abantu bazatangira uko kugushyeshya kubi. Nk'umugaragu wa Kristo, jya ukerensa gushyeshywa, ujye ubwirinda nk'uko wakwirinda inzoka y'ubusagwe. Cyaha umugore wese uzagusingiza agushimira ubwenge ufite, agufata ukuboko agatindana ikiganza cyawe mu cye. Bene abo bantu ntukababwire amagambo menshi; kuko ari abakozi ba Satani, kandi bashyira mu bikorwa imigambi ye, bagutega imitego ngo bakuvane mu nzira yo kwera. Umugore w'Umukristo wese ushyira mu gaciro azigengesera; azasobanukirwa n'imitego ya Satani, kandi ntazemera gukorana na we.

Ntuzigere umenyekanaho ko uri umugabura ufite umwihariko wo gukundwa n'abagore. Irinde abantu bashobora kugwabiza umugambi wawe wo gukora ibikwiriye cyangwa bakaba bashyira ikizinga mu butungane bw'umutimanama wawe, bakoresheje amayeri yabo. Ntukabahe igihe

¹⁴³⁸ Gospel Workers, p. 124. (1915)

¹⁴³⁹ Gospel Workers, p. 125. (1915).

cyawe cyangwa ngo ubiringire; kuko bazagusiga utakirangwa n'imbaraga z'iby'umwuka. Ntukagire ikintu gishobora kugaragaraho na gato ko ari icyaha ukorera mu bantu utazi, haba mu modoka, imuhira cyangwa se mu nzira ugenda.¹⁴⁴⁰

Irinde Uburyo Bwose Bukuganisha ku Kibi: Igihe umuntu uvuga ko yigisha ukuri akunda cyane kuba ari hamwe n'itsinda ry'abakobwa cyangwa se n'abagore, igihe usanga afite akamenyero ko kubakoraho uko yiboneye, cyangwa se akenshi ugasanga akunda kuganira na bo mu buryo byarabaye akamenyero, bene uwo muje mumutinya kuko amahame atunganye y'ukuri aba atagifite umwanya mu bugingo bwe. Bene abo bantu ntibaba bakorana na Yesu; ntabwo bari muri Kristo kandi Kristo na we ntaba muri bo. Bakeneye guhinduka rwose kugira ngo Imana ibone kwemera imirimo yabo. Ukuri gukomoka mu ijuru ntigutesha agaciro ukwakiriye, kandi ntikumuyobora kugira uburyo na buto uko bwaba bworoheje kose bumujyana mu kumenyerana n'abantu kudakwiriye. Ahubwo ibiri amambu, uko kuri gukomoka mu ijuru kweza umwizera, kugatunganya ibyo akunda, kukamuzamura kandi kukamwubahisha, ndetse kukamwomatanya na Yesu Kristo. Kumutera kwita ku nama intumwa Pawulo yatanze yo kwirinda igisa n'ikibi bitaba ibyo icyiza akora kikavugwa nabi . . .

Abantu bakora umurimo w'Imana kandi Kristo akaba atuye mu mitima yabo, ntibazigera bamanura urugero rukwiriye rw'imico mbonera ibaranga ahubwo bazahora iteka bahirimbana kuruzamura. Ntibazashimishwa n'akarimi gashyeshya k'abagore, cyangwa kubakundwakaza kwabo. Nimutyo abasore n'abagabo bashyingingiwe bajye bavuga bati: "Ntunkoreho! Nta mahirwe na make nzatanga ngo icyiza cyanyje cyigere kivugwaho nabi. Izina ryanje ryiza ni ubutunzi bw'igicro cyinshi kuruta izahabu cyangwa ifeza. Abantu nibibasira izina ryanje, ntabwo bizaba bitewe n'uko nigeze mbaha akito ngo baryibasire, ahubwo bazaba babitewe n'icyatumye baharabika Kristo, -kubera ko banze ubutungane no kwera byo mu mico ye, bitewe n'uko byahoraga bibacyaha.

Ndifuzza ko umukozi wese uri mu murimo w'Imana yagombye gusobanukirwa ko akeneye cyane gusenga ubudasiba kandi amaramaje. Ntibashobora guhora bapfukamywe basenga Imana, ariko bashobora guhora berekeza imitima yabo ku Mana. Uko ni ko Enoki yagendanaga n'Imana.¹⁴⁴¹

Kikiza Ubugingo Bwawe Uruzitiro: Hazabaho abagore bazahinduka abashukanyu, kandi bazakora ibishoboka byose kugira ngo bireherezeho abagabo ndetse batume babitaho. Bazabanza guhirimbana kubatera kubagirira impuhwe, bakurikizeho kubakunda, hanyuma babagushe mu mutego wo kwica itegeko ryera ry'Imana. Abamaze gutesha agaciro intekerezo zabo n'urukundo rwabo babishyira ahantu ljambo ry'Imana ribuzanya, ntabwo bazazuyaza gusuzuguzza Imana bakoresheje gusenga ibigirwamana k'uburyo butari bumwe. Imana izabareka bagume muri iryo

1440 *Review and Herald*, July 8, 1884.

1441 *Review and Herald*, Sept. 10, 1885.

rari ryabo ribi. Ni ngombwa rero kurinda intekerezo, ubugingo tukabuzitiza amategeko yo mu Ijambo ry'Imana; kandi tukitondera igitekerezo cyose tugira, ijambo ryose tuvuga n'igikorwa cyose dukora kugira ngo tutagushwa mu cyaha.¹⁴⁴²

Rinda Ibihindizo Bigukingira: Umwanzi wacu ukomeye afite abakozi bahora bashakisha uburyo barimbura ubugingo bw'abantu, nk'uko intare ihiga umuhigo wayo. ...Igihindizo kimwe gikuwe ku mutimanama, kwizirika ku ngeso mbi imwe, gukerensa ibyo dusabwa bihanitse bijyana n'inshingano twahawe, ibyo bishobora intangiriro y'ubushukanyi buzakujyana mu mubare w'abakorera Satani kandi uhora uvuga ko ukunda Imana n'umurimo wayo. Akanya gato wamara utagira icyo witaho, ikosa rimwe gusa rishobora guhindura imigendekere y'ubuzima bwawe bwose rikabujyana mu cyerekezo kibi. Kandi ushobora kudahita umenya icyateje kurimbuka kwawe kugeza ubwo umwanzuro w'urubanza uzaba utangajwe ngo, "Nimuve aho ndi, mwa nkozi z'ibibi mwe."¹⁴⁴³

Guhindurwa n'Abapasitoro Batahindutse: Umuntu ashobora kumva kandi akamenya ibyerekeye ukuri kose, nyamara ntagire icyo amenya cyerekeye ubutungane bwe ku giti cye n'imibereho nyakuri y'iby'idini. Ashobora gusobanurira abandi inzira y'agakiza, nyamara we akaba ari igicibwa. Ukuri kurera, gufite imbaraga kandi kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira. Akamaro n'ububasha by'ukuri mu nama ikomeye y'agakiza byakomotse mu Muhanzi wayo wo mu ijuru, kandi ntibihindurwa ubusa cyangwa ngo biteshwe agaciro bitewe n'uko abantu bakoreshejwe ngo babimenyekanishe batera cyangwa ngo babe bakiranuka.

Umuntu umwe wari waranzwe no gukora ibyaha kandi wari ukibikora yarabajije ati: "Kuki abantu bahinduka bagakurikira ukuri binyuze mu mbaraga nkoresha?" Naramushubije nti: "Kristo ahora yireherezaho abantu, kandi akamurikishiriza umucyo we mu nzira banyuramo. Umuntu ushaka agakiza ntiyemererwa gusoma imico y'undi muntu umwigisha. Iyo we ubwe amaramaje, iyo yegereye Imana, akayizera kandi akatura ibyaha bye, azemerwa."¹⁴⁴⁴

IGIHE CYO KWIMENYEREZA UMURIMO

Abakozi Bakiri Abasore Binjira mu Murimo: Hari abasore n'inkumi badakebakeba bari kwitegura kwinjira mu murimo, kugira ngo bongere imbaraga umurimo ukorerwa mu bindi bihugu. Nibagendana n'Imana bicishije bugufi, Imana izavugana na bo, maze ibigishe. Abo basore nababwira nti: "Nimukore aho muri, mukore uko mushoboye kose kugira ngo mumenyeshe abandi ukuri kwababereye ukw'igicro cyinshi. Mukomere ku kwigisha mu buryo bworoheje kandi budakebakeba, bityo igihe hazaba habonetse imyanya ikeneye abakozi, muzumva amagambo bababwira ngo: "Nshuti, zamuka uze." Mushobora kudashirika ubwoba ngo

¹⁴⁴² *Review and Herald*, May 17, 1887.

¹⁴⁴³ *Testimonies*, Vol. 5, p. 397, 398. (1885)

¹⁴⁴⁴ *Letter* 12, 1890.

mutere intambwe muje mbera, ariko muzajye mbera mwiringiye Imana, muzane amaraso mashya n'ubudahemuka mu murimo, kandi muze mufite n'umutima wuzuye kwizera gukoreshwa n'urukundo kandi kweza ubugingo. Uko muzajya mugira inyota y'amazi y'ubugingo, muzajye muyasaba Kristo, na we azabaha kunywa amazi y'ubugingo ku buntu. Azabahindukira isoko y'amazi idudubiza kugeza mu bugingo buhoraho.¹⁴⁴⁵

Byose Biterwa no Gutangira Neza: Akamaro k'abasore bumva ko bahamagarirwa n'Imana kubwiriza, gashingiye cyane ku buryo binjira mu mirimo yabo. Abatoranyijwe n'Imanango bakore umurimo w'ivugabutumwa bazagaragaza ko guhamagarwa kwabo gufite agaciro kandi mu buryo bwose bushoboka bazifuza guhinduka abakozi babishoboye.¹⁴⁴⁶

Tangira Umurimo Ukorana n'Abapasitoro Bafite Ubunararibonye: Mu rwego rwo kwitegura kuzakora umurimo w'ibwirizabutumwa, abasore bakiri bato bakwiriye gufatanya n'abagabura bakuze bafite uburambe. Abakozi bamaze kugira ubunararibonye mu gukora umurimo, bakwiriye gufata abakozi bakiri bato batagira ubunararibonye maze bakajyana nabo gusarura, bakabigisha uburyo bwo gukora bugera ku ntego mu guhindura ubugingo bw'abantu. Abo bakozi bakuze bakwiriye gukorana umwuka w'ubugwaneza n'urukundo, bagafasha abakozi bakiri bato kwitegura kuzakora umurimo. Uwitaka ashobora kubahamagarira. Kandi abo basore n'inkumi bari gutozwa umurimo bakwiriye kumvira inama bahabwa n'abigisha babo, bakubaha ubwitange bwabo, kandi bakajya bibuka ko imyaka bamaze bakora yatumye bagwiza ubwenge.....

Nimureke abakozi basheshe akanguhe bahinduke abigisha, bakomeze kugendera ku mabwiriza y'Imana. Nimutyo abasore n'inkumi bumve ko bafite amahirwe yo kwigira ku bakozi basheshe akanguhe, kandi babashe kwikorera umutwaro wose bashobozwa n'ubusore bwabo n'ubunararibonye bwabo. Uko ni ko Eliya yigishirizaga urubyiruko rw'Abisirayeli mu mashuri y'abana b'abahanuzi; kandi abahungu bacu muri iki gihe nabo bakwiriye kwigishwa muri ubwo buryo. Ntibishoboka ko watanga inama mu tuntu twose ngo uvuge uruhare urubyiruko rwagombye gukora; ariko bakwiriye guhabwa amabwiriza neza n'abakozi basheshe akanguhe, kandi bakigishwa guhanga amaso Yesu Kristo we banze ryo kwizera kwacu kandi akaba ari nawe ugusohozwa.¹⁴⁴⁷

Gufatanya Umurimo n'Abamenyereye Ariko Atari Ukubigana: Abamenyereye umurimo ntibakwiriye koherezwa gukora bonyine. Bakwiriye gukorana n'abagabura bakuze kandi bafite uburambe kugira ngo babigishe. Ariko aba bagabura bakuze bakwiriye kubabwira bati: "Ntukwiriye kwigana ibimenyetso nkora, cyangwa ijwi ryanjye kugira ngo abantu batazuma uvuga bakagira ngo ni jyewe cyangwa banyuma bakanyitiranya nawe. Ugomba guhagarara wambaye intwari zawe bwite,

¹⁴⁴⁵ Letter 9, 1899.

¹⁴⁴⁶ Ibyakozwe n'Intumwa p. 218.

¹⁴⁴⁷ Gospel Workers, pp. 101, 102. (1915)

ufite imico yawe yejeje n'Imana. Ntukwiriye kwigana imico yanjye cyangwa ibimenyetso nkora, cyangwa ijwi ryanjye, cyangwa imvugo yanjye namagambo yanjye.

Ndatekereza ko ibi bintu maze kubyerekwa incuro makumyabiri mu buzima bwanjye, kandi nagerageje kubibwira bene Data, ariko iki kibi ntikirakosorwa. Igihe umwe muri abo bataramenyera umurimo aguhagaze iruhande, ntakwiriye gutekereza ku bintu byose nk'uko ubigenza, cyangwa ngo abone ikintu cyose nk'uko ukibona; kugira ngo uramutse uretse gukurikiza ukuri abe yavugaga ati, "Nanjye ndakuretse." Nimureke bahagarare mu myanya ituma bagira imico itunganye bakura ku Mana nyir'ijuru; be kwigana ibitekerezo byawe, kandi nawe ntubahindure uko ushaka; ahubwo ukwiriye kuberekeza kuri Bibiliya akaba ari yo ibabera icyitegererezo. Incuro nyinshi cyane neretswe akamaro k'ibi bintu ku buryo numva ndemerewe n'umutwaro kubera byo.¹⁴⁴⁸

Kudapfukirana no Kudaca Intege Abakozi Bashya: Imana ntiyigeze igena ko imitekerereze y'umuntu umwe n'imigambi ye bifatwa ko ari byo bifite isumbwe. Iravugaga iti: "Muri abakozi bakorana n'Imana." Nuko rero ntihakagire umuntu uhatira mugenzi we gukurikiza imikorere ye kuko atayigenzuye ngo ahamye ko yemewe... Kandi abagabura b'ubutumwa bwiza ntibakwiriye na rimwe kwigana ibimenyetso by'umuntu uwo ari we wese, ingeso ze, imyifatire ye, imvugo ye, cyangwa ngo bigane ijwi rye. Ntibakwiriye guhinduka igicucu cy'undi muntu, haba mu bitekerezo, mu marangamutima, mu kugena ingamba no mu gushyira mu bikorwa gahunda yose yagutse. Niba Imana yarakugize umushumba w'umukumbi wayo, yaguhaye n'ibigukwiriye kugira ngo ushobore gukora uwo murimo.¹⁴⁴⁹

Abasore Bahamagariwe Kuja ku Ruhembe rw'Imbere mu Murimo: Abakozi bameze imvi bakwiriye kugendana ubwitonzi kandi bagaha amahirwe yose abasore bashaka gukura kugira ngo bajye ku ruhembe rw'imbere mu murimo. Abasaza ntibakwiriye kumva ko byaba ari igisuzuguriro kuri bo kubona abasore bakiri bato bajya ku ruhembe rw'imbere, bagakoresha ubushobozi bwabo kandi bagahagarara mu myanya yabo bityo bagahinduka abantu bashobora kwishingikirizwaho. Abakozi basheshe akanguhe bakwiriye gutera umwete abakiri bato kugira ngo bakuze impano zabo.

Dukeneye abantu bazafata umurimo mu maboko bakawukora nk'abawusobanukiwe. Abasore bakwiriye guhabwa amahirwe kugira ngo bakuze amajyambere.¹⁴⁵⁰

Gushimirwa Umurimo Wakoze: Kristo yaciye bugufi kugira ngo ageze abigishwa be imbere y'imbaga y'abantu mu rwego rwo kubahesha icyubahiro no kumenyekana ngo abantu benshi bamenye ko mu mikorere

¹⁴⁴⁸ Manuscript 19b, 1890.

¹⁴⁴⁹ Manuscript 104, 1898

¹⁴⁵⁰ Letter 97, 1896

yabo bakora nk'uko Kristo yakoraga. Ibikorwa bigaragaza imbabazi n'ubuntu byakozwe n'Umwami wacu bizakingurira urugi abigishwa.¹⁴⁵¹

Abakozi Bakiri Bato mu Ishuri Ribatoza Kuganduka: Nimutyo twubahe abakiri bato bo mu muryango w'Uwiteka. Abasore bacyinjira mu murimo w'ibwirizabutumwa bashobora gukora amakosa menshi, ariko n'abapasitoro bakuze ntibabura kuyakora nubwo baba bamaze imyaka myinshi mu murimo. Uwiteka ubwe azafata abo basore mu biganza bye, icyakora rimwe na rimwe azajya abareka bagire agahinda kandi yemere ko bababara kubera amakosa bakora, ariko ntazigera abatererana. Abaha amahirwe yo guhinduka ibikomangoma, abana b'Umwami wo mu ijuru.¹⁴⁵²

Abasore Bahamagariwe Kuja mu Murima Gusarura: Uwiteka arahamagara abasore ngo bajye mu murima gusarura kandi ngo bakorane umwete nk'abakozi bashinzwe gusarura. Arabahamagara ngo bamukorere, atari ukugira ngo bakorane n'amatorero yamaze guhangwa, ahubwo ngo bafatanye n'abakozi bamenyereye umurimo mu murima mugari w'ibisarurwa. Nimutyo abasore bafite ubushobozi bajye mbere maze bakoreshe italanto zabo. Uko bazajya bagenda, nibiringire ko Uwiteka azabayobora . . .

Uyu ni wo murimo abasore bakwiriye gushishikarizwa gukora. Si ukubwira imbaga y'abantu badakeneye kumva ibiva mu mikorere yabo itarangwamo ubunararibonye kuko iyo mbaga usanga iba izi ko ntabwo bafite, bityo ntiyumve ko Mwuka Wera abiyegereza. Imana ntiyahaye abasore gukora mu matorero. Inshingayo yabo ya mbere ni ukwiga inyigisho zitandukanye bigira ku Mwigisha Mukuru. . .

Ni iki Kristo yabwiye abigishwa be? Yarababwiye ati: "Umuntu nankorera ankurikire, kuko aho ndi ari ho n'umugaragu wanjye azaba." (Yohana 12:26). Iri ni itegeko ryatanze mu Ijambo ry'Imana. Kubwo kwiga iby'imibereho ye, abakozi bazamenya uko Kristo yabagaho n'uburyo yakoraga. Buri muni bakwiriye guharanira kurangwa n'imibereho ya Kristo, bagashaka kumenya inzira y'Uwiteka.¹⁴⁵³

Nyuma y'Amezi 12 y'Igeragezwa: Abantu Uwiteka ahamagarira gukora umurimo w'ibwirizabutumwa, azabaha uburyo bwo gukora, kandi abahe ubwenge no gusobanukirwa. Niba nyuma y'amezi 12 umuntu akora umurimo w'ibwirizabutumwa, maze akaba nta mbuto yerekana zavuye mu muhati we, niba abantu yagezagaho ubutumwa ntacyo bungutse, niba atarigeze agira ibyo ateza imbere aho hantu hashya yakoreraga, kandi akaba nta bantu bigeze bahinduka ngo bihane kubw'umurimo we, uwo muntu aba akwiriye gucisha bugufi umutima we imbere y'Imana, kandi agahirimbana kumenya niba ataribeshye ku muhamagaro we. Ibihembo bitangwa na Konferanse cyangwa Filidi bikwiriye guhabwa abantu bagaragaza imbuto ziva mu murimo bakora. Umurimo w'umuntu uzirikana

1451 Letter 252, 1906.

1452 Manuscript 127, 1902.

1453 Manuscript 75, 1900

ko Imana ari yo abasha kugira icyo ageraho, wa wundi usobanukiwe neza agaciro k'ubugingo bw'abantu, umuntu ufite umutima wuzuye urukundo rwa Kristo, bene uwo ni we uzatanga umusaruro.¹⁴⁵⁴

GUHAMAGARA NO KWIMURA UMUBWIRIZABUTUMWA

Kujya mu Turere Tutaragezwamo Ubutumwa bw'Imbuzi: Ibihe byinshi abaturage bo mu mujyi Kristo yabwirizagamo ubutumwa bifuzaga ko agumana na bo kandi agakomeza gukorera muri bo. Ariko yajyaga ababwira ko agomba kujya mu mijyi itari yarumvise ubutumwa bw'ukuri yagombaga kwigisha. Iyo yamaraga kwigisha ukuri abantu b'ahantu hamwe, yarahavaga akabasiga kugira ngo basigare bubakira kubyo yabaga yabahaye, maze akajya ahandi. Uburyo yakoresheye bukuriye gukoreshwa muri iki gihe n'abo yasigiye umurimo we. Tugomba kugenda tuva ahantu hamwe tujya ahandi, dushyirye abantu ubutumwa. Igihe ubutumwa bw'ukuri buzaba bumaze kubwirizwa ahantu hamwe, dukwiriye guhitamo tujya kuburira abandi.¹⁴⁵⁵

Haguruka Ugende Igihe Gusa Igicu Kikugiye Imbere. Ntukwiriye gukora ubutaruhuka cyangwa ngo we kugira kwizera; komeza wambare ukenyere intwari wambariye urugamba, kandi ushakire gukomera k'ubugingo bwawe mu Mana, bityo uzaba umusirikare w'intwari. Mu Mana ni ho dukura imbaraga no kugera ku ntego tugamije. . . . Igihe igicu gihagurutse kikugiye imbere. Imana ikakwereka inshingano yo gutangiza umurimo ahandi hantu, kandi Imana ikerekana inshingano iguhaye yo kujya gutangiza umurimo ahandi hantu, ushobora kugenda usobanukiwe n'aho ugiye. Ariko ntugatererane ahantu hamaze gukorera ibintu byinshi ndetse hakaba hakiri n'ibindi byinshi bigomba gukorwa.¹⁴⁵⁶

Ijwi Rikurarikira Umurimo: Ijwi rikurarikira umurimo ni iry'Imana, ni ijwi ry'umuyobozi ukomoka mu ijuru kandi woherejwe na ryo.¹⁴⁵⁷

Menya ko Imana ari Umuyobozi: Nyamara inshingano zacu ntidukwiriye kuzihereza ku bandi, ngo maze dutegereze ko batubwiriza icyo dukwiriye gukora. Ntabwo bikwiriye ko inama zose tuzikura ku bantu. Imana izatwigisha icyo tugomba gukora, kandi izabikora ibikunze nk'uko yakwigisha uwo ari we wese ubishaka. Nidusanga Imana twizeye, izatugezaho ubwiru bwayo bukomeye. Imitima yacu izagira ubwuzu bwinshi mu gihe Imana izaba iri hafi yacu nk'uko yabanye na Enoki. Abiyemeza kutagira icyo bakora mu mirimo ishobora kubabaza Imana, bazasobanukirwa icyo bakwiriye guhitamo nibamara kugeza ibyifuzo byabo imbere yayo. Icyo gihe Imana izabaha ubwenge kandi ibahe n'imbaraga.¹⁴⁵⁸

¹⁴⁵⁴ Manuscript 26, 1906.

¹⁴⁵⁵ Manuscript 71, 1903.

¹⁴⁵⁶ Letter 77, 1895.

¹⁴⁵⁷ Counsels on Health, p. 562. (1896).

¹⁴⁵⁸ Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 454. (2010).

Abakozi Bazi Inshingano Bakora: Mu iterambere ryose Imana yatugejeje, no mu ntambwe yose ubwoko bw'Imana bwateye, muri twe hariye haba abakozi ba Satani babaga biteguye guhagarara inyuma maze bagatanga inama zirimo gushidikanya no kutizera, kandi bagashyira inzitizi mu nzira tunyuramo, ndetse bagaca intege ukwizera kwacu n'umwete twabaga dufite. Twagombaga guhagara nk'abarwanyi b'intwari, twiteguye kwatanyaga no kurwana mu nzira twacagamo duhanganye n'abandi babaga baduhagurukiye. Ibyo byatumye umurimo wacu urushaho gukomera incuro cumi kuruta uko byari kugenda iyo izo nzitizi zitabaho. Byabaye ngombwa ko duhagarara dushikanye nk'urutare, turi intavogerwa.

Bamwe... basa n'abantu badafite inkomangiro ibatsika. Bene abo bantu bangiye cyane umurimo wo kwigisha ukuri. Hari n'abandi basa n'aho batigeze bagira uruhande bashobora guhagararamo bashikanye kandi badakebakeba, ngo babe biteguye kurwanira ukuri, biramutse bibaye ngombwa, igihe Imana yahamagara abasirikare bizerwa ngo bajye guhagarara mu birindiro Bamwe nta gitekerezo bafite cy'uko bakwiyemeza cyangwa ngo bagire ikintu icyo ari cyose bo ubwabo bagerageza gukora. Nyamara muri uyu murimo, umuntu aba agomba kugerageza kugira icyo akora, akagira icyo yiyemeza nubwo byaba bigoye.¹⁴⁵⁹

Ababwirizabutumwa Bakwiriye Kurangiza Ivuna Batangije: Nta kintu nzi cyerekeye umukuru ----- Icyo muzi ho ni uko yakoreshejwe n'Uwiteka mu murimo we mu muji wa Los Angeles, kandi ko yagize umugisha mwinshi cyane bitangaje. Umusaruro wavuye mu murimo we wabaye uw'uko abantu basaga ijana biyemeje guhaguruka bagakurikira ukuri. Mu isoza ry'amateraniro yaherutse yakoresherezaga mu mahema, yatekereje guhindura aho yakoreraga akajya ahandi, ariko abaturage benshi bo muri uwo muji bamwandikiye urwandiko barushyiraho umukono, bamusaba kuguma aho ngo akomeze amateraniro. Uwiteka yahaye mwene Data----- umwuka wo kumenyera no kwakira ibintu akuriye igihe n'abantu, imuha ubwenge bwo gutegura igenamikorere no gukora umurimo we, kandi yamuhaye umugisha ubwo hazaga udupapuro twanditsweho ubutumwa bwerekana ibizabera mu materaniro, amatangazo ndetse n'amashusho byakunguye abantu bibatera ubwuzu bwo kwitabira.

Navuga nti: Nimureke mwene Data----- akomeze akore aho byagaragaye ko ubutumwa bwe buri gutanga umusaruro mwiza bikomeye. Abantu baje mu materaniro ye batanganye ubuntu ku mutungo wabo nta gahato kugira ngo bashyigikire umurimo yahakoraga. ...

Muri iki gihe, nimumureke agume muri Los Angeles; kuko Uwiteka ari kumuha intsinzi ikomeye mu gihe ageza ubutumwa ku bantu. Nimumureke avuze impanda mu ijwi ryihariye, akangure abatarigeze bumva ukuri. Uwiteka azamutera umwete wo kuguma muri Los Angeles kugeza ubwo

¹⁴⁵⁹ *Testimonies*, vol. 3, p. 315, 316. (1873). [Ibihamya].

abizera b'itorero bazakangukira gukenyera intwari zabo maze bakerekana ko bafite umutwari wo kuvuga ubutumwa . . .

Haba kubw'inyigisho ndetse no gutanga urugero, ntihakagire umuntu ushaka kuvana Umukurumu murimo Imana yamushinze. Nimureke abantu bose bafatanye na we mu muhati wo gukora umurimo mu buryo bunozze.¹⁴⁶⁰

Amahame Akurikizwa mu Guhamagara Umubwirizabutumwa: Ku bijyana no kuba byaba bikwiriye ko Umukuru ----- ava mu muji wa Los Angeles maze agafata igihe akaba akorera mu muji wo mu Majyaruguru, navuga nti: "Rimwe rimwe na bene ibyo bibazo tugomba kubiharira cyane uriya mwene Data ubwe." Hariho gusimburanya gukabije ku bantu bari gukora umurimo mwiza Uwituka yavuze ko bene uwo murimo ari wo ukwiriye gukorwa. Rimwe na rimwe, igihe umuntu ari kugera ku ntsinzi mu muhati we kandi abashishikarira kumva ubutumwa avuga bagakomeza kuza mu buryo bwiza, ikibazo cyo kumwimurira ahandi nticyari gikwiriye kumugezwaho na hato kuko bimutera urujijo gusa. Niba Uwituka ari gukora ku mitima y'abaturage bo muri Los Angeles mu buryo bukomeye binyuze mu materanire abera mu mahama, nta kintu na kimwe gikwiriye kurogoye uwo murimo. . . . He kugira umuntu n'umwe ugerageze kuvana mwene Data----- ahantu abantu bafite ubwuzu bwinshi kandi hakaba hakinguwe amarembo mu buryo bw'indengakamere ngo ukuri kuvugwe. Aya ni amahirwe y'umujyi wa Los Angeles.¹⁴⁶¹

Abakozi Bakomeretswa no Kwimurwa Bitari Ngombwa: Ntekereza ko bibabaza abakozi iyo bahamagarirwa kuva mu gace kamwe k'uruzabibu aho bakoreraga umurimo mwiza, ngo bajye mu kandi gace aho baba bagomba gutangira ibintu byose ari bishya. Ndatekereza ko ibyo bituma abantu bahamagariwe kwimuka muri ubwo buryo batekereza ko ari ingirakamaro cyane kurenza uko bari mu by'ukuri, kandi bene abo bazakomereka imitima. Ndashyamba kuri iyi ngingo yo guhinduranya abakozi igihe bitari ngombwa.¹⁴⁶²

Kwimura Abakozi Hakiri kare Ntibyumvikana ku Bantu Bahindutse Vuba: Namenyeye ko mwene Data na mushiki wacu ----- bakoze amakosa, ariko ko bahirimbaniraga kumenya no gukora icyo Datubajya ashaka, ndetse ko bari bafite impano zatumaga bashobora kugera ku bagabo no ku bagore bari mu nzego zo hejuru mu buzima, kandi ko abantu benshi bakwishimira kwakira ukuri binyuze mu mihati yabo. Namenyeye ko kubimura byakenesha ahantu h'ingenzi hakorerwaga umurimo hari hakenewe cyane, kandi ko kwimuka kwaba gusobanuye ibintu byinshi kuri bo by'umwihariko bitewe n'uko bari bacumbikiye mu nzu nziza ibakwiriye. Ntabwo niyumvisemo ko nashyigikira kwimurwa kwabo.

¹⁴⁶⁰ Letter 75, 1905. [Urwandiko].

¹⁴⁶¹ Letter 193, 1905. [Urwandiko].

¹⁴⁶² Letter 179, 1900. [Urwandiko].

Kubimurira ahandi kandi ibintu bimeze bityo bishobora gusiga isura mbi mu ntekerezo z'abantu bari baherutse kwakira ukwizera binyuze mu mirimo mwene Data na mushiki wacu bakoze. Byongeye kandi, niba koko byari ukuri ko bafite imico itari myiza, ntabwo ibyaba byiza kurutaho ari ukubohereza gukorera ahandi hantu, kuko bari kwimukana iyo mico mibi n'uburyo bw'imikorere butari bwiza.¹⁴⁶³

Kwimura Abakozi Huti Huti ni Intwaro ya Satani: Iyaba pasitoro. . . . yaranze rwose gutega amatwi amagambo meza yari asize ubuki, ariko zuzuye kubogama yavuzwe n'umuntu uwo ari we wese, iyaba yatanze inama akurikije itegeko ryo muri Bibiliya maze akavuga nka Nehemiya ati: "Ndakora umurimo ukomeye sinshobora kumanuka" (Nehemiya 6:3), ririya torero riba ryararushijeho kumererwa neza. Iki gikorwa cyo kwimura abantu huti huti aho bakoreraga bakajyanwa ahandi cyagiye gikorwa kenshi mu iterambere ry'uyu murimo. Ni igikoresho (intwaro) cy'umwanzi gica w'abantu yifashisha kugira ngo akome mu nkokora umurimo w'Imana. Iyo abantu bari bagiye gufata icyemezo cyo kuyoboka ukuri basizwe batyo mu mibereho idatuma bakomeza gushikama ku cyemezo bari bafite, batakaza ubushyuhe bari bafite, bityo bikazagorana cyane kongera kubasubiza ku rwego rw'imyumvire ikomeye bari baragezeho. Satani ahora ashakashaka ingamba zatuma umupasitoro ahamagarirwa kuva aho yakoreraga mu bihe bikomeye nk'ibyo, kugira ngo umusaruro w'imihati yagize uyoyoke.¹⁴⁶⁴

IGICE CYA 20

UBUTUMWA BUZATSINDA

UBWO IJWI RIRENGA RIZAVUGA

Bidatinze Ukuri Kuzatsinda: Imperuka iri bugufi, iragenda itwegera bucece, nk'uko umujura aza anyonyomba nijoro. Ndasaba ngo Uwiteka aduhe imbaraga bityo twe kongera gusinzira nk'uko bamwe babigenza, ahubwo ngo dukomeze kuba maso kandi twirinde. Bidatinze ukuri kuzatsinda bihebuje, kandi abantu bose bahitamo gukorana n'Imana muri iki gihe bazafatanyaga n'ukuri kwishimira iyo ntsinzi. Igihe ni gito; bugiye kwira vuba bidatinze, aho nta muntu uzabasha kugira icyo akora.¹⁴⁶⁵

Guhinduka Kumeze nk'Ukwabaye ku Munsi wa Pantekote: Igihe kigiye kugera ubwo hazabaho abantu benshi bazihana bagahinduka mu munsi umwe nk'uko byagenze ku munsi wa Pentekote, igihe abigishwa bari bamaze guhabwa Umwuka Wera.¹⁴⁶⁶

Abantu Ibihumbi Bategereje Kugendera mu Mucyo: Abantu benshi banze kumvira irarika ry'ubutumwa bwiza. Barashunguwe kandi barageragezwa; ariko ibigeragezo bimeze nk'umusozi byagiye bihagarara imbere yabo, bigafunga inzira ntibakomeze gutera intambwe bajya mbere. Kubwo kwizera, kwihangana n'ubutwari, abantu benshi bazabasha gutambuka izo nzitizi maze bagendere mu mucyo w'itangaza.

Mu buryo bujya kumera nk'ubudatekerezwaho, hari inzitizi nyinshi zashyizwe mu nzira igororotse kandi ifunganye; amabuye asitaza yashyizwe munzira; ariko ibyo bizakurwaho. Ibihindizo abashumba gito bazengurukije imikumbi baragiye bizahinduka ubusa. Abantu ibihumbi byinshi bazabirenga maze bagendere mu mucyo ndetse bakore umurimo wo gukwirakwiza umucyo ahantu hose. Abo mu ijuru bazifatanyaga n'abakozi babana babantu. Itorero niriterwa umwete n'imbaraga rityo, rizahaguruka rirabagirane, rikoreshe imbaraga zaryo zose zamaze kwezwa, rijye ku rugamba. Uko ni ko umugambi w'Imana uzasohozwa; amabuye y'igiciro cyinshi yazimiye azatarurwa.

¹⁴⁶⁵ *Testimonies*, vol. 9, 135. (1909). [Ibihumya].

¹⁴⁶⁶ *Review and Herald*, June 29, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

Abahanuzi baboneye kure iby'uwo murimo ukomeye, kandi beretswe iby'icyo gihe, ndetse basobanuye mu buryo butangaje ibyerekeye ibyo bintu bigomba kuzabaho.¹⁴⁶⁷

Abenshi Basubiye Inyuma Bazagaruka: Igihe umugaru w'akarengane uzaba utwisutseho, intama nyakuri zizumva ijwi ry'Umwungeri. Hazakoreshwa imbaraga zirangwa no kwitanga kugira ngo abazimiye barokoke, kandi intama nyinshi zavuye mu mukumbi zizagaruka maze zikurikire Umwungeri ukomeye. Ubwoko bw'Imana buzisuganya, maze buhangane n'umwanzi bushyize hamwe. . . Urukundo dukunda Kristo n'urwo dukunda abavandimwe bacu ruzahamiriza ab'isi ko twabanye na Yesu kandi ko twamwigiye. Ubwo ni bwo ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzavugwa mu ijwi rirenga, kandi isi yose izamurikirwa n'ubwiza bw'Uwiteka.¹⁴⁶⁸

Ibitabo Bizatera Benshi Gufata icyemezo: Bidatinze Imana igiye kudukorera ibikomeye niba twemeye guca bugufi ku birenge byayo kandi twizeye... Bidatinze abantu basaga igihumbi bazahinduka mu muni umwe, kandi benshi muri bo gutsindwa no kwemera kwabo kuzaba kwaratewe no gusoma ibitabo byacu.¹⁴⁶⁹

Imbaraga Yagaragaye mu 1844 Izongera Kwigaragaza: Imbaraga yakanguye abantu mu buryo bukomereye mu byabaye mu mwaka wa 1844 izongera igaragare. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzavugwa atari mu majwi yo kongorera, ahubwo mu ijwi rirenga.¹⁴⁷⁰

Ijwi Rirenga: Mu gihe cy'ijwi rirenga, itorero rifashijwe no kugoborwa n'ubuntu bw'Umwami waryo wahawe ikuzo, rizasakaza hose kumenya agakiza ku buryo umucyo uzagera mu mijyi no mu midugudu yose. Isi yose izuzura kumenya iby'agakiza. Ku rugero rusesekaye, Umwuka w'Imana ugira abantu bashya azaba yahawe abakozi bayikorera n'umwete mwinshi, ku buryo umucyo w'ukuri kwagenewe ab'ibi iki gihe uzagaragara umurika ahantu hose.¹⁴⁷¹

IMPAMVU ITUMA KRISTO ATINDA KUGARUKA

Gutinzwa n'Imbabazi: Ijoro rirerire ricuze umwijima ni ingorabahizi, ariko gitondo gitinzwa kubera imbabazi, bitewe n'uko niba Databuja aramutse aje, hari abantu benshi basangwa batiteguye. Kuba Imana idashaka ko abantu bayo barimbuka, ni yo mpamvu yatumye habaho gutinda bene aka kageni.¹⁴⁷²

Umurimo Wagombye Kuba Wararangiye Gukorwa: Iyaba ubwoko bw'Imana bwarasohojwe umugambi wayo bukeze ku batuye isi ubutumwa

1467 *Review and Herald*, July 23, 1895. [Urwibutso n'Integuza].

1468 *Testimonies*, vol. 6, 401. [Ibihamya].

1469 *Review and Herald*, Sept. 10, 1885. [Urwibutso n'Integuza].

1470 *Testimonies*, vol. 5, p. 252. (1885). [Ibihamya].

1471 *Review and Herald*, October 13, 1904. [Urwibutso n'Integuza].

1472 *Testimonies*, vol. 2, p. 194, (1868). [Ibihamya].

bw'imbabazi, Kristo aba yaragarutse ku isi, kandi abera baba baramaze kwakirwa mu murwa w'Imana.¹⁴⁷³

Nzi ko iyaba ubwoko bw'Imana buba bwarashikamye ku komatana na Yo kuzima, iyo buba bwarumviye Ijambo ryayo, ubu buba buri muri Kanani yo mu ijuru.¹⁴⁷⁴

Satani Yatwibye Umugono: Iyaba umurinzi wese wo ku nkike z'i Siyoni yari yaravugije impanda mu ijwi rikomeye, isi iba yarumvise ubutumwa bw'imbuze. Ariko umurimo wakererewe imyaka myinshi. Igihe abantu bari basinziriye, Satani yatwibye umugono, aradutambuka.¹⁴⁷⁵

Amasezerano y'Imana Ntahera: Mu butumwa bageza ku bantu, abamarayika b'Imana bagaragaza ko igihe ari kigufi cyane. Uko ni ko nabyeretswe igihe cyose. Ni iby'ukuri, igihe cyakomeje kuba kirerekire kurenza uko twari tubyiteze mu minsi ibanza ubwo twatangiraga kuvuga ubu butumwa. Ntabwo Umukiza wacu yagarutse vuba nk'uko twabyiringiraga. Ariko se Ijambo ry'Imana ryarabeshye? Oya rwose! Dukwiriye kwibuka ko amasezerano y'Imana ndetse n'ibyo ivuga ishobora kugirira abantu biba bifite ikigombero.

Imana yahaye ubwoko bwayo umurimo bukwiye gukora ku isi. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwagombaga kubwirizwa, intekerezo z'abizera Imana zagombaga kwerekezwa ku buturo bwera bwo mu ijuru, aho Kristo yinjiye kugira ngo ahongerere ubwoko bwe. Ubugorizi bwerekeye Isabato bwagombaga gukorwa, kandi icyaho cyaciye mu mategeko y'Imana cyagombaga kuzibwa. Ubutumwa bugomba kwamamazwa mu ijwi riranga kugira ngo abatuye isi bese bakire ubutumwa bw'imbuze. Ubwoko bw'Imana bugomba kwereza ubugingo bwabwo kumvira ukuri, kandi bukitegura kuzahagarara imbere yayo budafite inenge ubwo Kristo azaba agarutse.

Iyaba nyuma y'umubabaro wo mu mwaka wa 1844 Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi barashikamye mu kwizera kwabo maze bagakurikira inzira bafunguriwe n'ubuntu bw'Imana bashyize hamwe, bakakira ubutumwa bwa marayika wa gatatu, kandi bakabubwira abatuye isi mu mbaraga y'Umwuka Wera, baba barabonye agakiza k'Imana! Uwituka aba yarakoranye n'imbaraga zabo mu buryo bukomeye, umurimo uba wararangiye, Kristo aba yaragarutse ku isi kujyana ubwoko bwe ngo bujye guhabwa ingororano yabwo. Ariko mu gihe cyo gukekeranya no gushidikanya cyakurikiye kubura icyari cyitezwe mu 1844, benshi mu bizera bari bategereje kugaruka kwa Yesu baretse ukwizera kwabo. ... Uko ni ko umurimo wakomwe mu nkokora, maze isi isigara mu mwijima. Iyaba Abadiventisiti bese barungiyeye ubumwe ku mategeko y'Imana no kwizera Yesu, mbega ukuntu amateka yacu aba yaratandukanye cyane n'uko tuyazi!

¹⁴⁷³ Testimonies, vol. 6, p. 450. (1900). [Ibiamya].

¹⁴⁷⁴ General Conference Bulletin, March 30, 1903. [Ikinyamakuru cy'Inteko Nkuru y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi].

¹⁴⁷⁵ Testimonies, vol. 9, p. 29, (1909). [Ibiamya].

Ntabwo byari ubushake bw'Imana ko kugaruka kwa Kristo kwatinda bene aka kageni. Imana ntiyateguye ko ubwoko bwayo, Isirayeli, bwari kuzerera mu butayu imyaka mirongo ine. Yari yarabasezeraniye kubayobora bagahita binjira mu gihugu cy'i Kanani, maze ikahabatuza, bakahabera ubwoko bwera kandi bufite amagara mazima. Ariko ababwiwe ubwo butumwa bwa mbere ntibinjije muri Kanani "bitewe no kutizera." Imitima yabo yari yuzuye kwitotomba, ubwigomeke no kwangana, bityo ibyo byatumye Imana idasohozza isezerano yari yagiranye nabo.

Mu gihe cy'imyaka mirongo ine, kutizera, kwivovota n'ubwigomeke byabujije Isirayeli ya kera kwinjira mu gihugu cy'i Kanani. Ibyaha nk'ibi kandi byatindiye Isirayeli yo muri iki gihe kwinjira muri Kanani yo mu ijuru. Haba ku Bisirayeli ba kera no kub'ubu, amasezerano y'Imana ntiyigeze ahinduka. Ahubwo kutizera, gukunda iby'isi, kutezwa ndetse no guhangana hagati y'abavuga ko ari ubwoko bw'Imana ni byo bidutindiye muri iyi si y'icyaha n'agahinda imyaka myinshi ingana itya.¹⁴⁷⁶

Nta Kubihereza ku Mana: Dushobora kuguma muri iyi si bitewe no kutumvira Imana imyaka myinshi nk'uko abana ba Isirayeli babigenje. Ariko kubwa Kristo, ubwoko bwe ntibukwiriye kugereka icyaha ku kindi bugereka ku Mana ingaruka z'imigenzereze yabwo mibi.¹⁴⁷⁷

Dukwiriye Gutebutsa Kugaruka Kwe: Twahawe ubushobozi bwo gutebutsa kugaruka k'Umwami tubwiriza ubutumwa mu isi.¹⁴⁷⁸

Umukristo wese afite amahirwe atari ayo gutegereza gusa, ahubwo yo gutebutsa kugaruka k'Umwami wacu Yesu Kristo. Iyaba abantu bose bavuga ko bitirirwa izina rye beraga imbuto zimuhesha icyubahiro, mbega ukuntu isi yose yabibwamo imbuto z'ubutumwa bwiza bwangu! Umusaruro uheruka wakwera vuba, maze Kristo akaza guteranyiriza hamwe imbuto z'agaciro kenshi.¹⁴⁷⁹

Igihe Ubutumwa Buzarangira Kuvugwa: Kugaruka k'Umwami wacu ntikuzatinda ngo kurenze igihe ubutumwa bwiza buzaba bumaze kubwirwa amahanga yose, indimi zose n'amoko yose. Mbese twe bwe abavuga ko twiga ubuhanuzi dushobora kwibagirwa ko ku banyabyaha kwihangana kw'Imana ari umugabane umwe w'umugambi mugari kandi w'imbabazi Imana iri gushaka uko yakiza ubugingo bw'abantu?¹⁴⁸⁰

IMBARAGA ZO KURANGIZA UMURIMO

Impamvu Abantu Benshi Bananiwe Gukiza Imitima: Abantu benshi bigisha amahame n'ibitekerezo byanditswe bijyana no kwizera kwacu; ariko uburyo babyigisha ni nk'umunyu wakayutse; kuko Umwuka Wera adakorera mu murimo wabo utarangwamo kwizera. Ntabwo bakinguriye

1476 *Manuscript* 4, 1883.

1477 *Letter*, 184, 1901.

1478 *Uwifuzwa Ibihe byose*, p. 430. (2010)

1479 *Testimonies*, vol. 8, pp. 22,23. (1904). [Ibihamya].

1480 *Review and Herald*, June 18, 1901. [Urwibutso n'Integuza].

imitima yabo kwakira ubuntu bwa Kristo. Ntabwo bazi uko Umwuka Wera akora; bameze nk'ifu itagira igitubura kubera ko mu byo bakora byose nta hame rifatika bakurikiza, bityo bigatuma badashobora kuzana abantu kuri Kristo. Ntabwo gukiranuka kwa Kristo bakugira ukwabo. Kuri bo uku gukiranuka ni ikanzu batigeze bambara, ni ikintu batigeze bamenya kandi ni isoko batavomyeho.¹⁴⁸¹

Dukeneye Imbaraga Zituma Dukora ku Mitima y'Abatizera: Dukeneye gukorana umwete uruseho mu murimo wa Kristo. Ubutumwa bukomeye bw'ukuri bukwiriye kubwirizanywa imbaraga kugira ngo bwemeze abatizera ko dukorana n'Imana, kandi ko Isumbabyose ari yo soko ihoraho y'imbaraga zacu.¹⁴⁸²

Iyo imitima yacu yunze ubumwe na Kristo, kandi imibereho yacu ntibusanye n'umurimo we, Umwuka Wera wamanukiye abigishwa ku muni wa Pentekote azatumanukira natwe.¹⁴⁸³

Dukorane Ishyaka nk'iry'Intumwa: Ishyaka ry'icyubahiro cy'Imana ni ryo ryateye abigishwa guhamya ukuri bafite imbaraga ikomeye. Mbese iryo shyaka ntirikwiriye gukongeza umuriro mu mitima yacu rikayitera kwifuza kubwira abandi inkuru y'urukundo rwaducunguye, urukundo rwa Kristo ndetse Kristo wabambwe? Mbese imbaraga y'Imana ntikwiriye kurushaho guhishurwa muri iki gihe kurenza uko byagenze mu gihe cy'intumwa?¹⁴⁸⁴

Isoko y'Imbaraga z'Abigishwa ba Yesu: Kristo amaze kuzamuka mu ijuru, abigishwa be bateraniye hamwe kugira ngo basabe Imana bicisha bugufi. Nyuma y'iminsi cumi bamaze bicunuka, kandi buri wese yisuzuma, Umwuka Wera yari akinguriwe inzira kugira ngo yinjire mu bugingo bwabo bwari bwejeje kandi bweguriwe Imana. Umutima wa buri wese wujwe Umwuka Wera, nk'aho Imana yashakaga kwereka ubwoko bwayo ko kubaha imigisha ihebuje indi yo mu ijuru byari uburenganzira bwayo. . . . Inkota y'Umwuka yarabagiranaga ityaye amugi yombi. Kubera ko yari yataywe bundi bushya kandi ikagira imbaraga, yarahuranyaga igahingurunya ndetse kugeza ubwo igabanya ubugingo n'umwuka, ikagabanya ingingo n'umusokoro. Gusenga ibigirwamana byari byaragiye bivangwa mu misengere y'abantu noneho kwakuweho. Ubwami bw'Imana bwaragutse bwiyongeraho utundi turere. Ahantu hari harabaye ubutayu n'umutagwe noneho haranguruye amajwi yo gusingiza Imana.¹⁴⁸⁵

Bumvise Bafite Umutwari w'Agakiza k'Abantu: Muzirikane ko ubwo abigishwa bari bamaze kunga ubumwe rwose, ubwo bari batakirwanira umwanya wo hejuru, ni ho Umwuka Wera yasutswe. Bari bahuje umutima n'inama. Iyabatandukanyaga byose bari babyiyambuye, babita kure. Ubuhamya bavuzweho nyuma yo guhabwa Umwuka Wera bwari bumwe.

1481 *Review and Herald*, Sept. 29, 1892. [Urwibutso n'Integuza].

1482 *Signs of Times*, Dec. 1892. [Ibimenyetso by'Ibihe].

1483 *Review and Herald*, June 30, 1903. [Urwibutso n'Integuza].

1484 *Signs of Times*, Feb. 14, 1914. [Ibimenyetso by'Ibihe].

1485 *Review and Herald*, June 10, 1902. [Urwibutso n'Integuza].

Nimuzirikane aya magambo ngo: "Bose bari bari hamwe, mu mwanya umwe bahuje umutima." (Ibyakozwe 2:1). Umwuka wa wa wundi wapfiriye abanyabyaha kugira ngo babashe kubaho, ni we wakoreshaga imbaga yose y'abizera.

Abigishwa ba Yesu ntibisabiye umugisha ubwabo, ahubwo bashengurwaga n'umutwaro w'ubugingo bw'abantu. Ubutumwa bwiza bwagombaga kubwirizwa bukagera ku mpera z'isi, kandi basabaga guhabwa imbaraga Kristo yari yarasezeranye. Bamaze gusenga ni ho Umwuka Wera yasutswe, maze bituma abantu ibihumbi byinshi bihana mu munsu umwe.¹⁴⁸⁶

Itorero Rikangutse: Nitwiyegurira umurimo wa Kristo tutizigamye n'umutima wacu wose, Imana izita ku kwitanga kwacu maze ibyerekanishe kudusukaho Umwuka wayo ku rugero rutarondorwa; ariko ibyo ntibizabaho mu gihe umugabane munini w'abagize itorero batazaba ari abakozi bakorana n'Imana.¹⁴⁸⁷

Isi Imurikiwe n'Umucyo: Nabonye imirasire y'umucyo umurika uturuka mu mijyi no mu midugudu, ukava ahirengeye ho mu isi ndetse no mu turere ducishije bugufi. Ijambo ry'Imana ryarubahwaga, kandi umusaruro wavuyemo wabaye uw'uko muri buri muji n'umudugudu hari hubatswe insengero zibutsa abantu Imana. Ukuri kw'Imana kwabwirijwe ku isi yose.¹⁴⁸⁸

Hagaragaye abantu ibihumbi byinshi bagendaga basura abantu mu miryango yabo, kandi bakabasomera Ijambo ry'Imana. Imitima y'abantu yatsindwaga n'imbaraga y'Umwuka Wera kandi umwuka wo guhinduka nyakuri wabonekaga muri bo. Inzugi zari zikinguwe impande zose kugira ngo ubutumwa bw'ukuri bwamamazwe. Isi yasaga n'iyamurikiwe n'ububasha bw'ijuru.¹⁴⁸⁹

Imana Izakorera mu Bakozi Biyoroheje: Ubwo igihe kigiye kugera maze ubutumwa [bwa marayika wa gatatu] bukamamazwa mu mbaraga ikomeye, Uwituka azakorera mu bikoresho byiyoroheje, ayobore intekerezo z'abiyeguriye gukora umurimo we. Abakozi bakwiriye uwo murimo ni abazarobanurwa binyuze mu gucuncumurirwaho Mwuka Muziranenge aho kuba ababitorejwe mu mashuri. Abantu bafite kwizera kandi bahora basenga, bazumva bahatirwa n'umwete mwinshi kuja kwamamaza ayo magambo bahawe n'Imana. Ibyaha bya Babuloni bizashyirwa ahagaragara. Ingaruka ziteye ubwoba z'amategako ya Leta ahatira itorero kunyuranya n'ubushake bw'Imana, ikwirakwizwa rwihishwa ry'inyigisho z'imyuka iyobya, imbaraga z'ubupapa zikomeza gukora bucece - byose bizatwikururwa bishyirwe ku mugaragaro. Kubera iyi miburo ikomeye, abantu bazakangarana. Abantu ibihumbi n'ibihumbi batigeze bumva ubuhamya nk'ubu bazabutegeza amatwi.¹⁴⁹⁰

1486 *Signs of Times*, Feb. 17, 1914. [Ibimenyetso by'Ibihe].

1487 *Review and Herald*, July 21, 1896. [Urwibutso n'Integuza].

1488 *Testimonies*, vol. 9, pp. 28,29. (1909). [Ibihamya].

1489 *Testimonies*, Vol. 9, p. 126. (1909) [Ibihamya].

1490 *Intambara Ikomeye*, p. 425.

Abantu Benshi Bazinjira mu Ngabo z'Uwiteka: Hazagaragara abantu benshi cyane bazaba birukanka, bajya hirya no hino bahatwa n'Umwuka w'Imana kugira ngo bageze umucyo ku bandi. Ukuri, ari ko Jambo ry'Imana, ni umuriro ugurumana mu magufwa yabo, ukabuzuza kwifuza cyane kumurikira abicaye mu mwijima. Abantu benshi, ndetse no mu bantu batigeze bakandagira mu ishuri, bazavuga amagambo y'Uwiteka. Abana bazahatwa n'Umwuka Wera ngo bagende bajye kubwira abantu ubutumwa bwavuye mu ijuru. Umwuka w'Imana azasukwa ku bantu bose bazemera kuyoborwa na We, kandi bakiyemeza guca ukubiri n'imigirire yose ya muntu, amategako ye n'uburyo bw'imikorere burangwa no kwifatafata. Bazamamaza ukuri bafite ububasha bahabwa n'imbaraga y'Umwuka. Abantu benshi cyane bazakira ukwizera kandi binjire mu ngabo z'Uwiteka.¹⁴⁹¹

Amajwi Ibihumbi Byinshi Azavuga Ubutumwa bw'Imbuzi: Abagaragu b'Imana bazaba bafite mu maso harabagirana kuko berejwe gukora umurimo wera, bazaba banyuranamo hirya no hino bafite umwete mwinshi wo gutangariza abantu bose ubutumwa mvajuru. Amajwi y'abantu ibihumbi byinshi azaba arangirira ku isi atanga umuburo uheruka. Ibitangaza bizakorwa, abarwayi bakizwe kandi ibimenyetso n'ibitangaza bizagaragarira abizera. Icyo gihe Satani nawe ariko, azakora ibitangaza biyobya, ndetse azamanura umuriro mu ijuru imbere y'amaso y'abantu. Icyo gihe abatuye ku isi bose, bazaba bagomba kugira uruhande baheremo.

Ubu butumwa ntibuzarangizwa n'amagambo menshi y'impaka ahubwo buzarangizwa no kunyurwa kubwo kwemezwa na Mwuka w'Imana. Ibibazo bizaba byarangiye. Imbuto zizaba zarabibwe, ubwo zizaba zitangiye gukura no kwera imbuto. Ibitabo byatanze n'ababwirizabutumwa b'abanyamwete bizaba byarigaruriye imitima myinshi, nyamara imitima myinsi yanyuzwe nabwo izaba yarabujijwe gusobanukirwa n'ukuri cyangwa kukugenderamo. Noneho imirasire y'umucyo w'ubutumwa bwiza izarasira ahantu hose, maze ukuri kose kumenyekane, abana b'Imana b'indahemuka bacagagure ingoyi zari zarababoshye. Amasano y'imiryango, n' amatorero yabo ntibizaba bigifite imbaraga zo kubaherana. Ukuri kurusha agaciro ibindi byose. N'ubwo hazaba imbaraga zikomeye zirwanya ukuri, umubare munini uzamasha guhagarara mu ruhande rw'Uwiteka.¹⁴⁹²

Kumanuka k'Umwuka Wera amanukiye itorero gufatwa nk'uguterejwe mu gihe kizaza; ariko itorero rifite amahirwe yo kumusukirwa muri iki gihe. Nimumushake, musenge musaba kumuhabwa kandi mumwizere. Tugomba kumugira kandi Ijuru ritegereje kumutanga.¹⁴⁹³

Imvura y'Itumba: Nimutyo Abakristo ... basabane kwizera umugisha basezeraniwe, nta kabuza bazawuhabwa. Ugusukwa k'Umwuka Wera mu

¹⁴⁹¹ *Review and Herald*, July 23, 1895. [Urwibutso n'Integuza].

¹⁴⁹² *Intambara Ikomeye*, p. 429.

¹⁴⁹³ *Review and Herald*, March 19, 1895. [Urwibutso n'Integuza].

gihe cy'intumwa kwari imvura y'umuhindo, kandi yatanze umusaruro w'agahozo. Ariko imvura y'itumba izarushaho kuba nyinshi.¹⁴⁹⁴

AMAHIRWE DUFITE MURI IKI GIHE

Umurimo Ugomba Gukorwa Muri iki Gihe: Ubutumwa bwa marayika wa gatatu burabwirizwa mu ijwi rirenga. Bityo rero, ntabwo mugomba kumva ko mufite umudendezo wo gukerensa inshingano mufite muri iki gihe, ngo mukomeze gutekereza ko mu gihe runaka kiri imbere muzahabwa imigisha myinshi, kandi mukazagira ububyutse butangaje mu gihe nta mwete na muke mugize ku ruhande rwanyu. ... Muri iki gihe, imiyoboro yanyu ikwiriye kubonezwa kugira ngo ibe yiteguye kwakira ikime kiva mu ijuru n'umurindi w'imvura y'itumba; kuko imvura y'itumba izagwa ndetse umugisha w'Imana uzuzura mu bugingo bw'umuntu wese wejejweho guhumana kose. Muri iki gihe dufite inshingano yo kwegurira Kristo ubugingo bwacu, kugira ngo tube twiteguye igihe cy'ihembura rizaturuka ku Mwami Imana -twiteguye kubatizwa n'Umwuka Wera. ...

Aho kugira ngo tubeho dutegereje igihe kidasanzwe cyo gukanguka, tugomba gukoresha neza amahirwe dufite ubu, dukora ibigomba gukorwa cyose kugira ngo abantu bakizwe. Aho kugira ngo tumarire imbaraga z'intekerezo zacu mu kuvuga no gutekereza dukekeranya ku byerekeye ibihe Uwituka yashyize mu butware bwe bwite akaba atabashyiriyeye abantu, tugomba kwiyegegurira kugengwa n'Umwuka Wera, tugakora inshingano zacu zo muri iki gihe, bityo abantu bari kurimbuka kubwo kutamenya ukuri tukabagaburira umutsima w'ubugingo utavanzwemo ibitekerezo bya kimuntu.¹⁴⁹⁵

Amahirwe Atarigeze Kubaho: Muri iyi minsi y'urugendo [rugana mu ijuru], amahirwe yo guhura n'abagore n'abagabo bo mu nzego zose kandi bakomoka mu bihugu byinshi, ni menshi cyane kurusha ayariho mu gihe cy'Abisirayeli. Imihanda minini nyabagendwa yariyongereye cyane. Imana yateguye inzira mu buryo butangaje. Amazu y'amacapiro ndetse n'ibikoresho binyuranye biyangwamo, ari aho dushobora kuyakoresha uko dushatse. Za Bibiliya n'ibindi bitabo byanditswe mu ndimi nyinshi kandi bivuga ukuri kugenewe iki gihe nabyo turabifite, ndetse bishobora no kugezwa mu duce twose tw'isi mu buryo bwihuse.

Tugomba kubwira abantu umuburo uheruka Imana ibatumaho, kandi tukamenya n'icyo twari dukwiriye kwitaho cyane mu kwiga Bibiliya, ndetse n'umwete tugomba kugira mu gusakaza umucyo!¹⁴⁹⁶

Imana ni yo Itanga ayo Mahirwe: Akaga karatwugarije. Kubw'imbaraga y'Umwuka Wera, ubu tugomba kwamamaza ukuri gukomeye kwagenewe iki gihe giheruka. Ntabwo bizatinda ngo buri muntu wese azabe yarumvise ubutumwa bw'imbuze kandi ngo abe yarafashe icyemezo. Hanyuma

1494 *Signs of Times*, Feb. 1914. [Ibimenyetso by'Ibihe].

1495 *Review and Herald*, March 22, 1892. [Urwibutso n'Integuza].

1496 *Review and Herald*, Jan. 25, 1906. [Urwibutso n'Integuza].

imperuka izaherako ize. ... Imana ni yo Mukozi Mukuru, kandi kubw'ubuntu bwayo, itegurira inzira umurimo wayo kugira ngo urangire. Itanga amahirwe, igafungura inzira zituma habaho impinduka, ikanafungura imiyoboro yo gukorera. Ubwoko bwayo nibuba maso bugakurikiza amabwiriza buhabwa n'ububasha bwayo, kandi bugahora bwiteguye gukorana na Yo, buzabona umurimo ukomeye ukoze.¹⁴⁹⁷

Ibihe by'Akaga mu Gihugu Bizana Ikanguka mu by'Idini: Muri iki gihe abantu ndetse n'amahanga bageragezwa n'umugozi ugera imfuruka uri mu kiganza cy'Imana itibeshya. Kubwo guhitamo kwabo abantu bose bagenda bashyira umwanzuro ku iherezo ryabo, kandi Imana igenga bose kubwo gusohozwa imigambi yayo.

Muri iki gihe, ibimenyetso by'ibihe bigaragaza ko duhagaze ku itangiriro ry'ibintu bikomeye. Muri iyi si yacu ibintu byose biri kwivumbagatanya. Ubuhanuzi Umukiza yahanuye bwerekeye ibintu bizabanziriza kugaruka kwe burasohorera imbere yacu tubureba. "Muzumva iby'intambara n'impuha z'intambara Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishitsi hamwe na hamwe." Matayo 24:6,7.

Igihe turimo ni igihe cy'ibintu biteye ubwoba ku bariho bose. Abami n'abatware ari bo bari mu myanya ikomeye kandi y'ubuyobozi, abagabo n'abagore batekereza bo mu nzego zose, abo bose bahanze amaso yabo ku biri kuba ahadukikije. Bitegereza imibanire iri hagati y'ibihugu. Iyo bitegereje ibyo bibazo byose ku kintu cyose kiri ku isi, kandi basobanukirwa ko hari ikintu gikomeye kandi kidasubirwaho kigiye kubaho. Babona ko isi igiye kugera mu kaga gakomeye cyane.¹⁴⁹⁸

Inshingano yacu mu Gihe Tugifite Agahenge: Muri iki gihe abamarayika baracyafashe imiyaga y'intambara kugeza ubwo isi izaba imaze kuburirwa iby'amakuba agiye kuyigeraho. Ariko umuraba uri kwisuganya, witeguye gusandara ku isi, kandi igihe Imana izatega abamarayika kurekura iyo miyaga, ku isi hazaba intambara n'ubushyamirane ku buryo nta karamu yashobora kubirondora ngo ibyandike. ...

Imana mu buntu bwayo yaduhaye igihe cy'agahenge. Ubushobozi bwose Imana yaduhaye bugomba gukoreshwa mu murimo twashinzwe n'Uwiteka ngo twukorere abari kurimbuka bazize ubujiji. ...

Ubwoko bw'Imana bukwiriye gusaba no kwinginga Uwiteka bushyizeho umwete kugira ngo abufashe muri iki gihe. Kandi bukwiriye gushyira imbaraga zabo zose mu murimo wo kwamamaza ukuri muri iki gihe cy'agahenge bahawe. ...

Buri muni twagiye duhura n'abagabo n'abagore barebwa n'urubanza. Kandi ku bantu bamwe umunsi wose ushobora kuba umurongo

¹⁴⁹⁷ Testimonies, Vol. 6, p. 24. (1900). Ibihamya.

¹⁴⁹⁸ Abahanuzi n'Abami, p. 274. (2015); pp. 345, 346 (2016).

utandukanya ukagira uruhande ubashyiramo. Buri muni, hari umuntu wagombye kuba yarafashe icyemezo kizagena iherezo ry'ubuzima bwe.¹⁴⁹⁹

Ugukomera kw'Intambara: Ntabwo dusobanukiwe urugamba rukomeye ruri kubera hagati y'ingabo zitaboneshwa amaso nk'uko twagombye kuba turusonukiwe. Ni intambara hagati y'abamarayika batacumuye n'abamarayika bigometse. Abamarayika beza n'ababi barwanira kwigarurira umuntu wese. Ntabwo ari intambara y'urwiyerurutso. Ntabwo urugamba turimo ari ibikino byo kwigana. Tugomba guhangana n'abanzi bafite imbaraga nyinshi, kandi ni ahacu guhamya uzatsinda muri bo. Tugomba gukura imbaraga zacu aho abigishwa ba mbere bakuraga izabo.¹⁵⁰⁰

Ubupagani Buzabyutsa Umutwe; Umunyabugome Azashyirwa Ahagaragara: Uko tuzarushaho gusatira iherezo ry'ibihe, hazabaho kwigaragaza kuzajya kurushaho gukomera kw'imbaraga z'ubupagani. Abami n'abatware b'abapagani bazagaragaza ububasha bwabo bukomeye, kandi baziyerekana imbere y'abatuye imijyi yo ku isi; ndetse ibi byatangiye gusohora. Yifashishije amashusho atandukanye, Umwami Yesu yeretse intumwa Yohana imico mibi n'imbaraga y'ubushukanyi by'abagaragaye bakamenyekanira ku kuntu batoteje ubwoko bw'Imana. Abantu bose bakeneye ubwenge kugira ngo babashe gutahura amayoberane y'ubugome yabaye gikwira muri iki gihe gisoza amateka y'iyi si. . . .

Muri iki gihe tugezemo, Uwiteka yahamagaye ubwoko bwe kandi yabuhaye ubutumwa bugomba kugeza ku bantu. Yabuhamagariye gushyira ku mugaragaro ibyaha by'umunyabugome washyizeho itegeko rihatira abantu kuruhuka ku Cyumweru, akarigira itegeko rigaragaza ububasha bwe yihariye, kandi akaba yaratekereje guhindura ibihe n'amategeko. Yatekereje kandi kurenganya ubwoko bw'Imana bwahagaze bushikamye bukemera kuyubaha buruhuka Isabato rukumbi nyakuri, ari yo Sabato yahanze igihe cy'irema, bukaba buyubahiriza kuko ari umunsi wejewe n'Uwiteka.¹⁵⁰¹

Intumwa z'Imana Zidatinye: Muri iki gihe ubwo imperuka y'ibintu byose byo ku isi irushaho kwegereza, Satani arakoresha imbaraga zidasanzwe kugira ngo yigarurire isi. Arategura gahunda nyinshi kugira ngo yigarurire intekerezo z'abantu no kubarangaza abavana mu kuri kw'ingenzi kubayobora ku gakiza. Muri buri mujyi, abambari be bakora ubutaruhuka barema udutsiko tw'abarwanya amategeko y'Imana. Umushukanyi ukomeye ari ku murimo kugira ngo ateze urujijo no kwigomeka, kandi abantu bariho buzuzwa umurava udahujwe n'ubwenge.

Gushyirisha mu byaha biragenda bigera ku rwego rwo hejuru bitigeze bigeraho mbere, ariko abavugabutumwa bwiza benshi bararangurura bati: „Amahoro n'umutuzo.“ Nyamara intumwa z'Imana z'indahemuka zigomba kujya mbere zishikamye mu murimo wazo. Zambaye ubwiza bw'ijuru,

1499 *Review and Herald*, Sept. 1905. [Urwibutso n'Integuza].

1500 *Signs of Times*, Feb. 17, 1914. [Ibimenyetso by'Ibihe].

1501 *Testimonies to Ministers*, pp. 117, 118.

zigomba gukomeza kujya imbere zishize ubwoba kandi zinesha, zitigera zicogora ku rugamba kugeza igihe buri muntu wese uri aho zishobora kugera azakira ubutumwa bw'ukuri bugenewe iki gihe.¹⁵⁰²

INTSINZI IRIHUTIRA CYANE KUGERA KU MUSOZO

Ubutumwa Bwiza Bwigeze Kunyeganyeza Isi: Kubwo gufatanya na Mwuka w'Imana, intumwa zakoze umurimo wanyeganyeye isi. Ubutumwa bwiza bwakwirakwiye mu mahanga yose muri icyo gihe cyazo.

Umusaruro wavuye mu murimo w'intumwa zatoranyijwe za Kristo wari ushimishije . . .

Ntabwo intumwa zakoze inshingano yazo kubw'imbaraga zazo bwite; ahubwo babishoboye n'imbaraga y'Imana nzima. Umurimo wabo ntiwari woroshye. Imirimo y'ikubitiro y'Itorero rya Gikristo yarimo imiruhoro n'umubabaro ukomeye. Abigishwa mu murimo wabo, bahoraga bahura n'ubukene, guharabikwa ndetse n'akarengane; nyamara ntibigeze bakunda ubuzima bwabo ahubwo bishimiye ko bahamagariwe kubabazwa ku bwa Kristo. Guhera mu gihirahiro, kutamasha no kugira intege nke mu gufata imigambi ntibyabarangwagamo. Bifuzaga gutanga no kwitanga. Kuzirikana inshingano bari bafite byarabatunganyije kandi bikungahaza imikorere yabo. Ubuntu bw'ijuru bwagaragarijwe mu gutsinda bagezeho ku bwa Kristo. Bafite imbaraga y'Ishoborabyose, Imana yarabakoresheje kugira ngo ubutumwa bwiza buneshe.¹⁵⁰³

Umwezi w'Abatoranijwe: Mu bantu batuye mu bihugu byose, batataniye mu bihugu byose, harimo abatarigeze bapfukamira Bali. Nk'uko inyenyeri zo mu kirere ziboneka nijoro gusa, abo bakiranutsi bazamurika igihe umwijima uzatwikira isi kandi umwijima w'icuraburindi ukabundikira abantu. Mu turere twa Afurika turangwamo ubupagani, mu bihugu by'Abagatulika byo mu Burayi n'ibyo muri Amerika y'amajyepfo, mu Bushinwa, mu Buhindi, mu birwa byo mu nyanja, ndetse no mu mpfuruka zijimye z'isi, Imana ihizigamiye abatoranijwe bazamurika hagati mu mwijima, bakazagaragariza neza isi yahakanye Imana imbaraga ihindura iri mu kumvira amategeko ya Yo. Ndetse no muri iki gihe baboneka mu bihugu byose, mu ndimi zose n'amoko yose; kandi mu gihe cy'ubuhakanyi bukomeye cyane, igihe Satani azakoresha imbaraga z'indengakamere kugira ngo atere "bose, aborohoje n'abakomeye, abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata" kwakira ikimenyetso cyo kuyoboka umunsi w'ikiruhuko w'ikinyoma, ba bandi b'indahemuka 'batabaho umugayo cyangwa uburyarya, abana b'Imana batagira inenge, 'bazamurika nk'imuri zimurikira isi." (Ibyahishuwe 13:16; Abafilipi 2:15). Uko ijoro rizarushaho kwijima, ni ko na bo bazarushaho kurabagirana.¹⁵⁰⁴

1502 *Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 138. (2010).

1503 *Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 363-364, (2010).

1504 *Abahanuzi n'Abami*, p. 98. (2015); p. 120. (2016).

Itorero Rinesheje: Umurimo ugiye kurangira bidatinze. Abizera b'itorero riri ku rugamba bagaragaye ko ari indahemuka bazahinduka itorero rinesheje.¹⁵⁰⁵

Kandi Umugaba wacu utigera yibeshya na rimwe, aratubwira ati: „Nimutwarane muje imbere, mwinjire ahantu hashyashya; maze muzamure ibendera muri buri gihugu. “Byuka urabagirane, kuko umucyo wawe uje kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye.» Yesaya 60:1.

Igihe cyarageze ubwo igitabo cy'umuzingo kiri kubumburirwa abatuye isi binyuze mu ntumwa z'Imana. Ukuri kuri mu butumwa bwa marayika wa mbere, ubw'uwa kabiri n'ubwa marayika wa gatatu kugomba kujyanwa mu mahanga yose, amoko yose, indimi zose n'imiryango yose. Uko kuri kugomba kweyura umwijima ubudikiye umugabane wose w'isi, kandi kukagera no mu birwa byo mu nyanja. Nta gutinda gukwiriye kuba muri uyu murimo.

Intero n'inyikirizo byacu bigomba kuba ibi ngo, 'Mukomeze mutwarane, muje mbere!' Abamarayika bo mu ijuru bazaturangaza imbere badutegurire inzira tunyuramo. Ntidushobora gutura umutwari dufite wo kugeza ubutumwa mu turere twa kure isi yose itaramurikirwa n'ubwiza bw'Uwiteka.¹⁵⁰⁶

1505 Letter 32.1892

1506 Gospel Workers, p. 470. (1915).

